

DANIYELI N'IBYAHISHUWE



Uriah Smith



DANIYELI N'IBYAHISHUWE

URIAH SMITH



Izina ry'Igitabo: Daniyeli n'Ibyahishuwe
Abatunganyije Igitabo: Editorial Safeliz SL
Copyright: Rwanda Union Mission of SDAs

Produced by Editorial Safeliz for the Rwanda Union Mission of SDAs

Editorial Safeliz SL

Pradillo 6, Pol Ind La Mina

27880 Colmenar Viejo, Madrid - Spain

www.safeliz.com adm@safeliz.com

DANIYELI N'IBYAHISHUWE

Cyanditswe na Uriah Smith

Cyasobanuwe mu Kinyarwanda n'Itorero ry'Abadiventisiti b'umunsi wa
Karindwi mu Rwanda

© 2019

Aprili 2019: Ingeri ya 1

ISBN: 978-84-7208-710-1

PRINTED IN THE EU
IMP11

Birabujijwe gukoporora, gucapa no kwigana iki gitabo cyose cyangwa igice cyacyo (yaba amagambo, amashusho cyangwa imiterere yacyo), waba ukoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose bwaba ubusanzwe cyangwa ubw'ikoranabuhanga utabiherewe uburenganzira bwanditswe na nyiracyo.

IBIRIMO

IRIBURIRO	7
-----------------	---

IGISUBIZO AMATEKA ATANGA KU BUHANUZI BWA DANIELI

IJAMBO RY'IBANZE	13
IGICE CYA 1: UMUNYAGANO MU RUGO RW'IBWAMI	16
IGICE CYA 2: UMWAMI AROTA INZOZI ZEREKANA	22
IGICE CYA 3: UBUDAHEMUKA BUGERAGERESHA UMURIRO	52
IGICE CYA 4: ISUMBABYOSE IRI KU NGOMA	58
IGICE CYA 5: INYANDIKO KU RUSIKA	66
IGICE CYA 6: DANIELI MU RWOBO RW'INTARE	71
IGICE CYA 7: GUHARANIRA GUTEGEKA ISI	77
IGICE CYA 8: ABATUYE ISI YOSE BAHAGAZE IMBERE Y'URUKIKO RWO MU IJURU	111
IGICE CYA 9: IGIPIMO CY'IGIHE CYA GIHANUZI KIBUMBATIYE IBINYEJANA BYINSHI	141
IGICE CYA 10: IMANA IGIRA URUHARE MU MIRIMO IKORERWA MU ISI	162
IGICE CYA 11: KUZINGURA UMUZINGO WEREKANA AHAZAZA	168
IGICE CYA 12: INDUNDURO Y'AMATEKA IRAJE	221

IGISUBIZO AMATEKA ATANGA KU GITABO CY'IBYAHISHUWE

IJAMBO RY'IBANZE	251
IGICE CYA 1: UBURYO BW'IMANA BWO GUHISHURA UBUHANUZI	252
IGICE CYA 2: INZANDIKO YESU YANDIKIYE AMATORERO	268
IGICE CYA 3: «DORE MPAGAZE KU RUGI NDAKOMANGA»	284
IGICE CYA 4: IMBERE Y'INTEBE YA CYAMI Y'IMANA	301
IGICE CYA 5: IKIBAZO CY'IGITABO GIFATANISHIJWE IBIMENYETSO	307
IGICE CYA 6: KUMENA IBIMENYETSO BIFATANIJE IGITABO CY'UBUHANUZI	315
IGICE CYA 7: IKIMENYETSO CY'IMANA IHORAHU	335

IGICE CYA 8: GUHANGUKA K'UBWAMI BW'ABAROMA	349
IGICE CYA 9: ABIYISILAMU MU BUHANUZI.....	364
IGICE CYA 10: KUBWIRIZA UBUTUMWA BWO KUGARUKA KWA YESU MU ISI YOSE....	385
IGICE CYA 11: INTAMBARA HAGATI YA BIBILIYA N'UBUHAKANAMANA.....	393
IGICE CYA 12: INKOMOKO YO KUTIHANGANIRANA MU BY'IYOBOKAMANA	407
IGICE CYA 13: URUGAMBA RW'IGIHE KIREKIRE RWO GUHARANIRA UMUDENDEZO MU BY'IDINI	415
IGICE CYA 14: UMUBURO UHERUKA IMANA IGEZA KU ISI YACUMUYE.....	464
IGICE CYA 15: KWITEGURA INZABYA Z'UMUJINYA W'IMANA.....	508
IGICE CYA 16: IBYAGO BIRINDWI BIYOGOZA ISI	511
IGICE CYA 17: UBUFATANYE BW'ITORERO NA LETA KU RWEGO RW'ISI.....	526
IGICE CYA 18: KURIMBUKA KWA BABULONI YO MURI IKI GIHE.....	531
IGICE CYA 19: UMWAMI W'ABAMI N'UMUTWARE UTWARA ABATWARE.....	544
IGICE CYA 20: IGIHE CY'IMYAKA IGIHUMBI ISI ICUZE UMWIJIMA	550
IGICE CYA 21: IJURU RISHYA N'ISI NSHYA.....	562
IGICE CYA 22: AMAHEREZO HAZABA AMAHORO	573
IBITABO BYIFASHISHIJE.....	582

IRIBURIRO

Mu kugeza iki gitabo ku bantu, abagisohoye bizera ko bari gukorera abasomyi bacyo umurimo ukomeye.

Iki gitabo cyibanda cyane ku kugaragaza igitekerezo cy'uburyo butangaje Imana igenzereza amahanga n'uburyo yakoranye n'abantu bakomeye mu gusohozza ubuhanuzi bukomeye bwo mu gihe cyashize buvugwa muri Bibiliya; ariko mu buryo bw'umwihariko ku birebana no kubumburwa k'umuzingo w'ubuhanuzi nk'uko bugaragara mu bintu bikomeye biri kubaho muri iki gihe, ibyenda kubaho vuba, n'ibyo mu gihe kizaza. Ibyo bintu biri bisobanuye byinshi cyane kuri buri mugabo na buri mugore wese.

Nta muntu n'umwe ushobora kubaho mu gihe kimeze nk'icyo turimo ngo we ubwe ye kumenya ibintu bikomeye Imana yashimye guhishurira ubwenge bwacu muri iki gihe cyihuta cyane. Uburemere bw'ibyo bintu bufite ingaruka z'iteka ryose kuri buri muntu wese.

Umwanditsi w'iki gitabo yabayeho kandi yanditse mu gisekuru cyo hambere, kandi yabikoze mu buryo ndetse n'imvugo bihuje n'igihe cye. Nubwo bimeze bityo, ubusobanuro atanga bw'ubuhanuzi n'inyigisho z'ukuri yigishije abinyujije mu kwiga Ibyanditswe Byera abishimikiriye, byagiye bigeragezwa kandi bikemerwa n'abahanga mu bya Bibiliya nk'ibidafite ikinegu mu bihe bitandukanye. Mu by'ukuri, byabashije kugenzurwa neza bigaragara ko bitunganye ku buryo ari byo bikwiriye cyane kuba byakwirakwizwa hose mu ngeri ivuguruwe, ndetse binajyanye n'imiterere y'ibihe tugezemo. Ikidushishikaje cyane ni ukubagezaho iki gitabo muri iyi shusho ishimishije.

Nta mbaraga abanogeye iki gitabo birengagije gukoresha kugira ngo boroshye kandi bagaragaze neza ukuri mu mvugo yumvikana n'amagambo arobanuwe neza y'umwanditsi, mu gusuzumana ubwitonzi inkomoko y'inyandiko zivuga amateka n'ubusobanuro umwanditsi yakoresheje, kandi ahabaga hakwiriye kuzirikanwa cyane bashimangiraga inyigisho yatanzwe bakoresheje ibihamya bishya bitabonekaga igihe inyandiko y'umwimerere y'iki gitabo yandikwaga. Abanogeye iki gitabo kandi bashatse ko ubusobanuro bw'ubuhanuzi bwongerwaho ubundi busobanuro buremereye bwumvikana neza mu rwego rwa politiki, imibanire, n'iterambere mu

by'iyobokamana birushaho kwigarurira ibitekerezo byacu muri iyi minsi
iheruka igihe cyo kwamamaza ubutumwa bwiza.

Turararikira umusomyi wese ubishimikiriye gushyira umutima we no
gufungurira intekerezo ze kwita kuri izi nsanganyamatsiko z'ingenzi.

Abasohoye Inyandiko

UMUCYO W'IJAMBO RY'IMANA

*Mu isi yose, aho uko byaba biri kose,
Nta mucyo wajyaga kuhagera, cyangwa ngo mu gicuku kinishye,
He kuboneka umwambi w'umucyo wo gutamurura umwijima,
Imana yatanze inyenyeri iyobora-
Umucyo urabagirana- ufite imirasire mvajuru
Wajyaga kwahuranya ijoro- ukirukana umwijima ubuditse,
Utwikiriye isi yose mu gicu gicuze igihunya.*

*Ikirutaho, umwambi wo kurabagirana kw'Imana ubwayo,
Wohererejwe umuntu uturutse ku ntebe irabagirana y'ubwami bw'Imana;
Kugira ngo abazawakirana ibyishimo,
Kandi bakagendera mu nzira ubayoboramo, bazabashe kwishimira
Umusogongerero uhebuje w'umwuka w'Ijuru.*

*Ijambo ry'Imana, ntirihinduka,
Ni ryo ryonyine rishobora kuyobora umuntu mu mayobera y'ubuzima,
Rikageza umugenzi utazi iyo agana aho azaruhukira by'iteka.
Iyo ritabaho, umuntu aba yarazimiye, -yararohamye ikuzimu,
Ari mu mwijima w'irindagiza uteye ubwoba-
Aho gushidikanya n'ibitekerezo bitera ubwoba biba-
Aho intambwe ze ntacyo zajyaga kumugezaho, uretse ku itara rizimata
Ry'imitekerereze ya muntu rifite urumuri ruyobya,
Ryajyaga gutuma umwijima urushaho kuba icuraburindi,
Kandi umwijima ukarushaho kubudika.*

*Ariko uwo si wo wari umugambi w'Imana ko yasiga umuntu ityo,
Ari mu mayirabiri y'ubuyobe atazi iyo ajya, akabakaba ashaka inzira acamo;
Binyuze mu Ijambo ryayo ryera, yahishuye ubushake bwayo,
Kandi yerekanye inzira ifunganye, irabagirana
Ndetse irushaho kurabagirana, kugeza ku munsu uhebuje indi.*

(Uriah Smith.)

**IGISUBIZO AMATEKA
ATANGA KU
BUHANUZI BWA
DANIYELI**

IJAMBO RY'IBANZE

Kuba igitabo cya Daniyeli cyaranditswe na nyiri iri zina ryanditswe kuri cyo, ntawe bikwiriye gutera gushidikanya. Ezekiyeli wabayeho mu gihe kimwe n'icya Daniyeli, atanga ubuhamya binyuze mu Mwuka w'ubuhanuzi, agahamya ibyo kubaha Imana kwa Daniyeli no gutungana kwe, maze akamushyira mu cyiciro kimwe na Nowa ndetse na Yobu agira ati: "Cyangwa se ninteza icyorezo muri icyo gihugu, nkakibavushirizamo amaraso kubw'umujinya banteye, nkagicamo abantu n'amatungo, naho Nowa na Daniyeli na Yobu baba bakirimo, ndirahiye ko batagira icyo barokora ari umuhungu cyangwa umukobwa, gukiranuka kwabo kwakiza ubwabo bugingo gusa" Ni ko Uwiteka avuga. (Ezekiyeli 14:19,20). Ubwenge bwe, ndetse n'igihe yari muto, bwari bwarabaye nk'umugani, nk'uko na none bugaragazwa n'uwo mwanditsi. Ubwo yavugaga ku mwami w'i Tiro, Ezekiyeli yari yarayobowe n'Imana maze avuga aya magambo ati: "Erega urusha Daniyeli ubwenge, nta gihishwe uyoberwa!" (Ezekiyeli 23:3). Nyamara ikirenze ibyo byose, Umwami wacu Yesu Kristo yamufataga nk'umuhanuzi w'Imana, maze yingingira abigishwa be gusobanukirwa n'ubuhanuzi bwatanzwe binyuze muri Daniyeli kugira ngo bugirire akamaro itorero rye. Yesu Kristo yaravuze ati: "Ariko ubwo muzabona ikizira kimbura cyahanuwe n'umuhanuzi Daniyeli gihagaze Ahera (ubisoma abyitondere), icyo gihe abazaba bari i Yudaya bazahungire ku misozi." Matayo 24:15,16.

Nubwo hari ibindi tuzi ku byaranze ubuzima bwe akiri muto kurusha ibyo tuzi ku bandi bahanuzi, imivukire ye n'umuryango akomokamo ntibizwi rwose, uretse kumenya gusa ko yakomokaga mu muryango wa cyami, bishoboka ko waba ari umuryango wa Dawidi, umuryango wari waragwiriye muri icyo gihe. Ku nshuro ya mbere agaragara nk'umwe mu bantu b'imfura bo mu banyagano b'i Buyuda, mu mwaka wa mbere wo ku ngoma ya Nebukadinezari umwami w'i Babuloni, mu ntangiriro z'imyaka mirongo irindwi y'ubunyage, mu mwaka wa 606 Mbere ya Kristo (M.K). Yeremiya na Habakuki bari abahanuzi muri icyo gihe. Ezekiyeli yatangiye umurimo we nyuma yaho gato, kandi nyuma gato y'icyo gihe, Obadiya ni bwo yahagurutse; ariko aba bose barangije umurimo wabo mu myaka yabanjirije isozwa ry'umurimo mwiza kandi w'igihe kirekire w'umuhanuzi Daniyeli. Abahanuzi batatu gusa ni bo bahanuye nyuma ye; Hagayi na

Zekariya bakoze umurimo wa gihanuzi igihe kigufi cyane mu gihe kimwe n'icya Daniyeli, hagati y'umwaka wa 520 n'uwa 518 M.K; na Malaki, umuhanuzi waherutse abahanuzi bo mu Isezerano rya Kera, wakoze umurimo we neza mu gihe gito, ahagana mu mwaka wa 397 Mbere ya Kristo.

Mu gihe cy'imyaka mirongo irindwi Abayuda bamaze mu bunyage, guhera muri 606 ukageza muri 536 M.K., nk'uko byari byarahamwe n'umuhanuzi Yeremiya (Yeremiya 25:11), Daniyeli yabaga mu rugo rw'ibwami i Babuloni, kandi igihe kinini yakimaze ari Minisitiri w'intebe muri ubwo bwami. Imibereho ye irimo rimwe mu masomo ashimishije kandi ry'ingirakamaro ryerekana agaciro n'inyungu zo kumenya kuba indahemuka ku Mana uhereye igihe umuntu akiri muto, kandi iyo mibereho igatanga urugero rugaragara rw'umuntu wakomeje kubaha Imana, kandi agasohozza inshingano ze zose zifite aho zihuriye n'umurimo w'Imana, ari nako akora imirimo ye isanzwe ikomeye ndetse akikorera ibimurushya n'inshingano ziremereye kurusha izindi zishobora guhabwa abantu muri ubu buzima bwo ku si.

Mbega ukuntu imibereho ya Daniyeli ari ugucyaha gukomeye ku bantu bo muri iki gihe, badafite na kimwe cy'ijana cy'inshingano yari afite zibasha kubatwara igihe kandi zigatwara n'intekerezo zabo, nyamara bakitwaza imirimo yabo nk'impamvu zibatera kwirengagiza inshingano za gikristo, bakavuga ko badafite igihe cyo kuzikora. Mbese ni iki Imana ya Daniyeli ibwira abantu nk'abo ubwo izaba iye kugororera abagaragu bayo bayikoreye batizigamye, hakurikijwe uburyo bakoresheje neza amahirwe bahawe cyangwa bakayirengagiza?

Nyamara ntabwo imikoranire ye n'ubwami bw'Abakaludaya (ubwami bwari buhebuje ubundi icyubahiro) ari byo byonyine bituma Daniyeli akomeza kwibukwa, kandi ngo izina rye abantu bajye baryubaha. Ahereye mu bushorishori bw'icyubahiro cy'ubwo bwami, yabonye ko ubwami buhanguka bukajya mu maboko y'undi mwami. Igihe cyo gukomera kwabwo no kugubwa neza cyarangiranaga n'ubuzima bw'umwami umwe wabwo. Ubuhangange bwabwo bwamaraga igihe gito, bukarangirana n'icyubahiro cyabwo. Nyamara Daniyeli we yahawe icyubahiro kirushije icyo kuramba. Mu gihe yari akunzwe kandi yubashywe n'abami ndetse n'abatware b'i Babuloni, yashyizwe hejuru bikomeye bitewe n'uko yakunzwe kandi agahabwa icyubahiro n'Imana n'abamalayika bayo bera, kandi akemererwa kumenya inama z'Isumbabyose.

Mu buryo bwinshi, ubuhanuzi bwe ni bwo bugaragara kurusha ubundi bwose bwo mu nyandiko zera. Ni bwo bwumvikana kurusha ubundi bwose. Ni bwo buhanuzi bwa mbere bwatanze urukurikirane rw'amateka y'Isi uhereye muri icyo gihe cye ukageza ku mperuka. Bwashyize ibyo buvuga ku bizaba mu gihe gisobanutse cya gihanuzi, bona nubwo bugenda bukagera mu binyejana byinshi by'ahazaza. Bwatanze urukurikirane rwa mbere rusobanutse rw'ubuhanuzi ruzeza ku kuza kwa Mesiya. Bwagaragaje neza

igihe cyo kuza kwe mu buryo busobanutse neza ku buryo Abayuda babujije umuntu wese washaka kugerageza gusobanura iby'imibare iri muri bwo, kubera ko ubwo buhanuzi bubereka ko nta rwitwazo bafite rwo kuba baranze Kristo; ndetse ibyo bwerekanye n'ibyo bwari bwaravuze ko bizabaho byaje gusohora bigeza mu gihe cy'uwitwa Porifiri¹ (mu mwaka wa 250 N.K) ku buryo yavuze ko ibyari byavuzwe ko bizaba bitanditswe mu gihe cy'ingoma ya Babuloni, ko ahubwo byanditswe nyuma yuko bibaho. [Ibi ni byo Porifiri yashoboraga kuvuga yirengera mu buhakanyi bwe bukomeye]. Nyamara ibyo bitekerezo byirengagiza ukuri ubu ntibikiriho kubera yuko ikinyejana cyose cyagiye gikurikiraho cyajyaga kizana igihamba cyiyongera ku kuri k'ubuhanuzi, bityo muri iki gihe cyacu tukaba twegereje umusozo wo gusohora k'ubwo buhanuzi.

Amateka ya Daniyeli ubwe aragenda akagera mu myaka mike ikurikirira uguhanguka kw'ubwami bwa Babuloni buhanguwe n'Abamedi n'Abaperesi. Abantu batekereza ko Daniyeli yaba yaraguye i Shushani, cyangwa Susa mu Buperesi, ahagana mu mwaka wa 530 M.K; akaba yarapfuye afite imyaka hafi ya 94. Imyaka yari afite icyo gihe ikaba ishobora kuba yaratumye adashobora gusubirana i Buyuda n'abandi banyagano b'Abaheburayo igihe itegeko rya Kuro (Ezira 1:1) ryatangwaga mu mwaka wa 536 M.K, ari na wo mwaka wabaye iherezo ry'imyaka 70 y'ubunyage.

¹ Porphyry.

IGICE CYA 1

UMUNYAGANO MU RUGO RW'IBWAMI I BABULONI

DANIYELI 1

UMURONGO WA 1 Mu mwaka wa gatatu Yehoyakimu umwami w'Abayuda ari ku ngoma, Nebukadinezari umwami w'i Babuloni yateye i Yerusalemu arahagota. 2 Uwiteka Imana amugabiza Yehoyakimu umwami w'Abayuda hamwe n'ibintu bimwe mu nzu y'Imana, abijyana mu gihugu cy'i Shinari mu rusengero rw'imana ye, maze abishyira mu nzu y'ububiko bwayo.

Daniyeli ahita yinjira mu nsanganyamatsiko ye akoresheje uburyo bwahuranyije abanditsi berejwe uwo murimo bakoresheje. Atangiza igitabo cye imvugo n'imyandikire byoroheje bivuga amateka. Ibice bitandatu bibanza, havuyemo ubuhanuzi buvugwa mu gice cya kabiri, byanditse mu buryo bw'ibarankuru. Iyo tugeze ku gice cya karindwi, tuba dutangiye umugabane w'icyo gitabo uvuga ubuhanuzi.

Igotwa rya Yerusalemu.—Nk'umuntu wazirikanaga ko agomba kuvuga ukuri kuzwi neza gusa, Daniyeli atangira avuga urunyurane rw'ibintu abantu bashoboraga gusuzumiraho ko ibyo avuga ari ukuri kw'impamo. Gusenywa kwa Yerusalemu kuvugwa aha kwari kwarahanuwe na Yeremiya, kandi kwashohojwe mu mwaka wa 606 M.K.² (Yeremiya 25:8-11). Yeremiya avuga ko Yerusalemu yigaruriwe mu mwaka wa kane wo ku ngoma ya Yehoyakimu, naho Daniyeli we akavuga ko byabaye mu mwaka wa gatatu w'iyo ngoma. Ibi bisa no kudahuza bisobanurwa n'uko Nebukadinezari ahaguruka ngo ajye kugaba icyo gitero, yagiye hafi mu mpera z'umwaka wa gatatu Yehoyakimu ari ku ngoma, akaba ari ho Daniyeli ahera. Ariko umwami Nebukadinezari

2 Umwaka wa 606 M.K. ushyigikirwa cyane na Usher, Hales n'abandi banditsi bavugaga iby'uruhererekane rw'amateka; nyamara ubushakashatsi bwa vuba aha bwakozwe n'abiga ibisigazwa byo mu butaka bahitamo umwaka wa 605. Nubwo uyu mwaka usa n'aho ari wo w'ukuri, ntacyo uhindura ku byerekeye ukubara ibihe bya gihanuzi byerekanwa n'umwanditsi w'iki gitabo, kuko abantu bakwiriye kwibuka yuko Abayuda n'abandi bantu bo mu gihe cyo ha mbere babaraga umwaka utangira igihe runaka n'umwaka ushira icyo gihe.—*Abanogereje igitabo.*

yageze ku ntego yo kwigarurira Yerusalemu ahagana mu kwezi kwa cyenda k'umwaka wakurikiye uwo yagabyemo icyo gitero; ibyo bikaba ari byo Yerehiya aheraho avuga ko icyo gitero cyabaye mu mwaka wa kane w'ingoma ya Yehoyakimu. Nubwo Yehoyakimu yari yaboheshejwe iminyururu bafite umugambi wo kumujyana i Babuloni, yicishije bugufi maze yemererwa kuguma i Yerusalemu ngo akomeze kuhayobora, ariko akajya yoherereza ikoro umwami w'i Babuloni.

Iyi ni yo yari inshuro ya mbere Yerusalemu yigarurirwa na Nebukadinezari. Uwo murwa wongeye kwigomeka inshuro ebyiri nyuma yaho, ariko wongera kwigarurirwa n'uwo mwami ndetse akarushaho kuwugirira nabi ugereranyije na mbere. Inshuro ya kabiri yo guhirika ubutegetsi bw'uwo murwa yabaye ku ngoma ya Yehoyakini mwene Yehoyakimu ari na cyo gihe ibikoresho byejejwe byasahuwe ibindi bigatwikwa, n'abaturage barushije abandi ubwiza bakajyanwa mu bunyage. Inshuro ya gatatu yo kwigarurirwa k'umurwa yabayeho ku ngoma ya Sedekiya, ari cyo gihe umurwa wagoswe mu buryo buteye ubwoba. Muri icyo gihe cyo kugotwa cyamaze umwaka n'igice, abari batuye mu murwa wa Yerusalemu bahuye n'imibabaro y'uburyo bwose itewe n'inzara ikomeye. Bishize kera, ingabo n'umwami bagerageje guhunga umurwa, ariko biranga bafatwa n'Abakaludaya. Abahungu b'umwami biciwe mu maso ye abireba. Umwami bamunogoyemo amaso, maze bamujyana bunyago i Babuloni. Muri ubwo buryo, ubuhanuzi bwa Ezekiyeli bwavugaga ko yagombaga kujyanwa i Babuloni, akagwayo kandi ntabone aho hantu yajyanywe ari imbohe buba burasohoye. (Ezekiyeli 12:13). Icyo gihe, uwo murwa n'urusengero byarasenywe bidasubirwaho, kandi abantu bose bari batuye icyo gihugu usibye abahinzi bahingaga imirima, bajyanywe ari imbohe i Babuloni, ubwo hari mu mwaka wa 586 Mbere ya Kristo.

Icyo cyari igihamba cy'uburyo Imana iciraho icyaha iteka—nubwo bidashatse kuvuga ko Abakuludaya bari beza mu maso y'Ijuru, ahubwo Imana yabakoresheje kugira ngo ihane gukiranirwa k'ubwoko bwayo. Iyo Abisirayeli baza kuba indahemuka ku Mana, kandi bakubahiriza Isabato yayo, Yerusalemu yari guhoraho iteka ryose. (Yerehiya 17:24-27). Ariko bayivuyeho na Yo irabareka. Bahumanishije ibikombe byera kuzana ibigirwamana mu rusengero; kubw'ibyo rero, Imana yemeye ko ibyo bikombe birushaho guhumanywa igihe yemeraga ko bijyanwaho iminyago n'abapagani bigashyirwa mu ngoro zabo mu mahanga.

Abanyagano b'Abaheburayo i Babuloni.—Muri iyo minsi y'amakuba n'umubabaro kuri Yerusalemu, Daniyeli na bagenzi be bagaburirirwaga kandi bakigishirizwa mu rugo rw'umwami w'i Babuloni. Nubwo bari abanyagano mu gihugu cy'amahanga, nta gushidikanya ko bari bitaweho mu buryo runaka kurenza uko bashoboraga kuba bafashwe mu gihugu cyabo cyakavukire.

UMURONGO WA 3 Nuko umwami ateguka Ashipenazi umutware w'inkone ze, kuzana abana b'abasore bamwe bo mu Bisirayeli bo mu

muryango w'umwami, n'ab'imfura bandi batagira inenge; ahubwo b'abanyaburanga, b'abahanga mu by'ubwenge bwose, bajijuka mu byo kumenya, b'ingenzuzi mu by'ubwenge kandi batinyuka guhagarara mu nzu y'umwami, kugira ngo abigishe ubwenge bw'Abakaludaya n'ururimi rwabo. Nuko umwami abategekera igaburo ry'iminsi yose rivuye ku byo kurya by'umwami, n'umusa wa vino umwami yanywagaho, kandi ngo babarere imyaka itatu nishira babone guhagarara imbere y'umwami.

Ahangaha ni ho havugwa ibyo gusohora kw'ibyo umuhanuzi Yesaya yari yarahamurije umwami Hezekiya mu myaka ijana yari ishize. icyo gihe uwo mwami, mu kwirata ubuhangange bwe yeretse intumwa z'umwami w'i Babuloni ubutunzi bwe bwose n'ibintu byejejwe byo mu rugo rw'umwami n'ubwami bwe, nuko Hezekiya abwirwa yuko ibyo bintu byose by'inyamibwa bizajyanwaho iminyago mu murwa wa Babuloni, ndetse ko n'abana be bwite n'abamukomokaho bazajyanwaho iminyago bagahindurwa inkone mu rugo rw'umwami w'icyo gihugu. (2 Abami 20:14-18)

Ijambo "abana" nk'uko ryakoreshejwe kuri aba banyagano, ntirikwiriye kugarukirizwa gusa ku buryo twumvamo abana muri iki gihe cyacu. Ryari ribumbatiye uruburako rwose. Inyandiko zitubwira ko abo bana bari "abahanga mu by'ubwenge bwose, bajijuka mu byo kumenya, ari ingenzuzi mu by'ubwenge...kandi ko bashoboraga guhagarara imbere y'umwami." Mu yandi magambo, bari barigishijwe ku rwego rushimishije, kandi impagarike yabo n'ubushobozi bwabo mu by'ubwenge byari biteye imbere ku buryo umuntu w'umuhanga yashoboraga kubona neza ko bafite ubushobozi. Bagombaga kuba bari mu kigero cy'imyaka 18 na 20 y'ubukuru.

Mu burere aba banyagano b'Abaheburayo bahawe, tubonamo urugero rw'icyerekezo kirimo ubwenge n'umudendeko umwami Nebukadinezari wari wimye ingoma yari afite. Aho kugira ngo ahitemo uburyo bufasha kunezeza ibyifuzi bibi kandi byo ku rwego rwo hasi nk'uko abami bababayeho mu bihe byakurikiyeho babigenje, yahitiyemo abo basore kwigishwa ibintu byose bifite aho bihuriye n'ubwami kugira ngo azabashe kubona abo kumufasha bashoboye mu buyobozi bw'imirimo yakorerwaga ibwami. Yabategekeye igaburo n'ibinyobwa bya buri munsu biva ku byo na we yakoresheye. Aho kubafata nabi nk'uko benshi bashoboraga gutekereza ko ari byo bikwiriye abanyagano, we yabahaye ibyo kurya bya cyami. Mu gihe kingana n'imyaka itatu, bari bafite amahirwe yo kubona ibyiza byose byashoboraga kuboneka muri ubwo bwami. Nubwo bari abanyagano, bari abana b'ibwami, kandi bafatwaga neza batyo n'umwami w'Abakaludaya wari ufite ubumuntu muri we.

UMURONGO WA 6 Muri abo bana b'Abayuda, harimo Daniyeli na Hananiya, na Mishayeri na Azariya.⁷ Nuko uwo mutware w'inkone abahimba amazina: Daniyeli amwita Belutshazari, na Hananiya amwita Saduraka, na Mishayeri amwita Meshaki, na Azariya amwita Abedenego.

Daniyeli na Bagenzi be Bahabwa andi Mazina.—Birashoboka ko uku guhindurirwa amazina kwaba kwarakozwe hashingiwe ku busobanuro bw'amagambo. Mu giheburayo, izina Daniyeli ryasobanuraga "Imana ni yo mucamanza wanjye;" Hananiya rigasobanura "impano y'Uwiteka;" Mishayeli rigasobanura ngo "uwo Imana iri we;" naho Azariya rigasobanura "uwo Yehova afasha." Kubera ko aya mazina yari afite aho ahuriye n'Imana nyakuri kandi ubusobanuro bwayo bukaba bwari bufite aho buhuriye no kuyiranywa, yarahinduwe maze bahabwa amazina afite ubusobanuro bufite aho buhuriye n'ibigirwamana by'abapagani ndetse n'uburyo bw'imisengere y'Abakaludaya. Muri ubwo buryo, izina Beluteshazari ryahawe Daniyeli ryasobanuraga "igikomangoma cya Belu" Saduraka rigasobanura "umugaragu wa Sini" (ari cyari ikigirwamana cy'ukwezi); Meshaki rigasobanura "uwo Aku ari we" (Aku risobanura yari indi nyito ya Sini, ikigirwamana cy'ukwezi); naho Abedenego rigasobanura "umugaragu wa Nebo."

UMURONGO WA 8 Maze Daniyeli agambirira mu mutima we kutaziyandurisha ibyokurya by'umwami cyangwa vino yanywaga, ari cyo cyatumye yinginga uwo mutware w'inkone kugira ngo atiyanduza. 9 Kandi Imana yari yatumye Daniyeli atona ku mutware w'inkone agakundwa na we. 10 Nuko umutware w'inkone abwira Daniyeli ati: "Ndatinye umwami databuja wabategekeye ibyo muzarya n'ibyo muzanywa, kuko nasanga munanutse mudahwanye n'abandi basore mungana, muzaba munshyize mu kaga gatere umwami kunsha igihanga". 11 Nuko Daniyeli aherako abwira igisonga cyari cyategetswe n'umutware w'inkone kurera Daniyeli na Hananiya na Mishayeli na Azariya ati: 12 "Ndakwinginze, gerageza abagaragu bawe iminsi icumi, baduhe ibishyimbo abe ari byo turya n'amazi yo kunywa, 13 uzabone gusuzuma mu maso hacu n'abandi basore barya ku byokurya by'umwami, uko uzabibona, abe ari ko uzagenza abagaragu bawe. 14 Nuko abyumvise atyo, yemera kubagerageza iminsi icumi. 15 Iyo minsi icumi ishize abona mu maso habo ari heza kandi babyibushye kuruta abandi basore bose baryaga ku byo kurya by'umwami. 16 Nuko icyo gisonga kibakura kuri bya byokurya byabo, na vino bari bakwiriye kunywa akajya abaha ibishyimbo.

Muri iyi nkuru, Nebukadinezari agaragara nk'umuntu utarangwa n'urwango n'urwikekwe. Bisa n'aho atakoresheje ubushobozi bwe ngo ahatire abanyagano be b'ibwami kureka idini yabo. Kuba bari bafite idini babarizwamo kuri we byari bihagije, yaba idini nawe yabarizwagmo cyangwa se yaba atari iye. Nubwo amazina yabo yari yahinduwe kugira ngo ahabwe ubusobanuro buhuye n'imisengere ya gipagani, bishoboka ko icyo Abakaludaya bari bagamiye cyane cyari ukwirinda ko Abakaludaya bakoresha amazina y'Abayuda birenze kuba kwari ukwerekana impinduka iyo ari yo yose y'ibiyumviro n'ibitekerezo cyangwa impinduka mu migirire ya bene ayo mazina yahinduwe.

Imirire ya Daniyeli.—Daniyeli yagambiriye mu mutima we kutiyandurisha ibyoburya byo ku meza y'umwami cyangwa vino umwami

yanywaga. Daniyeli yari afite izindi mpamvu zatumye akora muri ubwo buryo zirenze kwirinda ingaruka zashoboraga kugera ku mubiri we bitewe n'iyi mirire, nubwo yashoboraga gukumamo inyungu nyinshi zifitanye isano n'iyi ntego yari afite. Incuro nyinshi, ibyokurya abami n'ibikomangoma byo mu bihugu by'abapagani baryaga, byabanzaga guturwa ibigirwamana byabo nk'ibitambo, (kandi kuko ibihe byinshi babaga ari bo batambyi bakuru babyo); ndetse na vino banywaga babanzaga kuyisuka imbere y'ibigirwamana nk'ituro babihaye. Na none kandi, zimwe mu nyama Abakaludaya bakoreshaga amategeko y'Abayuda yo yazifataga ko zihumanye. Kuri buri ruhande muri izi zose, Daniyeli wari ushikamye ku idini ye, ntiyashobora kubisangira na bo. Ni yo mpamvu yasabye yiyoroheje uwari ubishinzwe kugira ngo nk'uko amategekombonera y'umutimanama we yabimubwiraga adahatirwa kwiyandurisha ibyo byokurya.

Umutware w'inkone yatinye kwemera gukora ibyo Daniyeli yari amusabye, kubera ko umwami ubwe ari we wari wategekeye Daniyeli na bagenzi be ibyo byokurya. Ibi byerekana uburyo umwami ku giti cye yari ashishikajwe n'iby'abo banyagano. Bigaragara ko umugambi yari abafitiye ku mutima wari uwo gutuma bagira iterambere mu by'ubwenge no mu by'umubiri mu buryo bushoboka bwose. Mbega itandukaniro rigaragara hano ubigereranyije n'urwikekwe, kutababarira no gutwaza igitugu bikunze kwigarurira imitima y'abahawe ububasha buheranije! Mu mico ya Nebukadinezari tuzasangamo byinshi dukwiriye kwishimira cyane.

Birashimishije cyane kwita ku byari bigize ifunguro Daniyeli yari yisabiye guhabwa. Ijambo ry'Igiheburayo "*zeroim*" ryahinduweho ijambo "*ibishyimbo*" ryubakiye ku muzi umwe n'uw'ijambo "*akabuto*" riboneka mu gitekerezo cy'irema, ahavugwa ngo mbahaye "*ibimera byose byera imbuto*," kandi ngo "*n'igiti cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo*" (Itangiriro 1:29). Ibi bituma birushaho kugaragara neza ko mu byo Daniyeli yasabye hari hakubiyemo impeke, imboga n'imbuto. Kandi na none niba dusobanukiwe neza n'ibyanditswe mu Itangiriro 9:3 "*ibimera bibisi*" ubwabyo bigomba kuba bikubiye mu byokurya Daniyeli yasabye. Mu yandi magambo, ibyari bigize ifunguro Daniyeli yasabye kandi akabihabwa byarimo ibinyampeke, imboga, imbuto, ububemba n'imbogarwatsi—rikaba ryari ifunguro ry'imvange nziza y'ibimera mu butaka, riherekejwe n'ikinyobwa gikoreshwa n'abantu n'inyamaswa mu isi yose, ari cyo "*amazi meza*."

Ingeri ya Bibiliya yandikiwe i Cambridge mu Bwongereza igira uburyo isobanuramo iri jambo "*zeroim*" nk'ibyokurya bigizwe n'ibikomoka ku bimera muri rusange; nta mpamvu yo kugarukiriza ubusobanuro bw'ijambo ry'Igiheburayo ryakoreshejwe ku binyamisogwe gusa nk'ibishyimbo namashaza, ari na byo ijambo "*ibishyimbo*" ryerekejeho mu by'ukuri."

Uwitwa Gesenius atanga ubu busobanuro: "*ibimera byera utubuto, imboga z'ibara ry'icyatsi kibisi, imbogarwatsi, bishatse kuvuga ibyokurya bikomoka ku bimera, bene ibyo byakoreshwaga n'umuntu wabaga yiyirije ubusa, byabaga bitandukanye n'inyama ndetse n'ibindi byokurya bihambaye.*"

Igeragezwa ry'iminsi icumi ba basore barya ibi byokurya ryaje kuvamo igisubizo cyiza, Daniyeli na bagenzi be bemerewe gukomeza iyo ndyo mu gihe cyose bamaze bigishwa gukora inshingano zo mu rugo rw'umwami.

UMURONGO WA 17 Maze abo basore uko ari bane, Imana ibaha kujijuka no kuba abahanga mu byo bigishwa no mu by'ubwenge, ariko Daniyeli yagiraga ubwenge bwo kumenya ibyerekanwa byose no gusobanura inzosi. 18 Nuko iyo minsi yo kubazana yategetswe n'Umwami Nebukadinezari ishize, umutware w'inkone ajya kubamumurikira. 19 Bahageze umwami aganira na bo, ariko mu bandi bose ntihabonetse uhwanyeye na Daniyeli na Hananiya, na Mishayeli na Azariya. Ni cyo cyatumye abagira abakozi be. 20 Mu ijamba ryose ry'ubwenge no kumenya, icyo umwami yababazaga, yabonaga arusha abakonikoni n'abapfumu bose bari mu gihugu cye cyose inkubwe cumi. 21 Nuko Daniyeli aguma aho, ageza ku mwaka wa mbere Umwami Kūro ari ku ngoma.

Nyuma y'Imyaka Itatu yo Kwigishwa.—Bisa n'aho Daniyeli wenyine ari we wahawe ubushobozi bwo gusobanukirwa amayerekwa n'inzozi. Ariko uburyo Uwiteka yakoranaga na Daniyeli muri ruriya rwego ntibusobanuye na gato ko bagenzi be bari ab'agaciro gake mu maso y'Imana. Kuba bararindiwe hagati mu itanura ry'umuriro, byerekana ko nabo bari bakunzwe n'Imana mu buryo bumwe. Uko biri kose Daniyeli yari afite ubushobozi kamere bwatumye aba akwiriye gukora uwo murimo wihariye.

Kwita kuri abo basore byihariye umwami yari yaragaragaje kugeza icyo gihe, yakomeje kukugira. Ku iherezo ry'imyaka itatu, yarabahamagaye ngo abahe ikizamini avugana na bo barebana amaso ku maso. Yagombaga kwimenyera ubwe uburyo babashije gutsinda amasomo, ndetse n'urwego bari bariho rwo gukora neza ibyo basabwe. Iki kizamini na none cyerekana ko umwami yari umuntu wari ufite ubumenyi bwinshi mu bukorikori n'ubuhanga bw'Abakaludaya; kuko iyo bitaba ibyo, ntiyari gushobora gusuzuma ko abandi bafite ubwo bumenyi. Amaze kubabonamo ubushobozi buhambaye aho yarebaga hose, atitaye ku idini cyangwa ubwenegihugu bwabo, yabonye ko abo basore bari abahanga incuro cumi kurusha abandi bantu bose bari mu gihugu cye.

Umwanditsi yongeyeho ko Daniyeli “yakomeje [kuba ibwami] kugeza mu mwaka wa mbere wo ku ngoma y'umwami Kūro.”

IGICE CYA 2

UMWAMI AROTA

INZOZI ZEREKANA

UBWAMI

BUZATEGEKA ISI

DANIYELI 2

UMURONGO WA 1 Mu mwaka wa kabiri Umwami Nebukadinezari akiri ku ngoma yarose inzozi, nuko ahagarika umutima ntiyarushya agoheka.

Daniyeli yajyanywe mu bunyage mu mwaka wa mbere w'ingoma ya Nebukadinezari. Mu gihe cy'imyaka itatu, yashyizwe mu biganza by'abagombaga kumwigisha, kandi birumvikana ko muri icyo gihe cyose atashoboraga guhamagarwa mu bandi banyabwenge bo muri ubwo bwami, cyangwa ngo agire uruhare mu mirimo yakorerwaga rubanda. Nyamara mu mwaka wa kabiri wo ku ngoma ya Nebukadinezari, hari ibyabayeho byanditswe bivugwa muri iki gice. None se ni gute Daniyeli yashoboraga kuzanwa ngo asobanure inzozi z'umwami mu mwaka wa kabiri? Ubusobanuro bw'ibi bushingiye mu kuba Nebukadinezari yaramaze imyaka ibiri ari ku ngoma afatanyije gutegeka na se witwaga Nabopolasari. Icyo gihe bategekanaga bombi ni cyo Abayuda baheraho babara, mu gihe Abakaludaya bo babaraga igihe cy'ubutegetsu bwe uhaye ubwo yategekaga ari wenyine se amaze gupfa. Kubw'ibyo rero, umwaka uvugwa ahangaha, ni umwaka wa kabiri hakurikijwe uburyo bwo kubara bw'Abakaludaya, ariko ukaba ari umwaka wa kane ukurikije uburyo Abayuda babaramo.³ Nuko rero, biragaragara ko umwaka wakurikiye uwo Daniyeli yarangijemo amasomo ye yo gutegurirwa gukora imirimo y'ubuyobozi mu bwami

³ See Adam Clarke, *Commentary on the Old Testament*, Vol. IV, pp. 564, 567, notes on Daniel 1: 1; 2:1 Thomas Newton, *Dissertation on the Prophecies*, Vol. I, p. 231; Albert Barnes, *Notes on Daniel*, pp. 111, 112, Comment on Daniel 2:1

bw'Abakaludaya, kugiraneza kw'Imana kwatumye ashwirwa ahirengeye muri ubwo bwami mu buryo bwihuse kandi bugaragarira bese.

UMURONGO WA 2 Umwami aherako ateguka ko bahamagara abakonikoni n'abapfumu, n'abashitsi n'Abakaludaya ngo baze kubwira umwami ibyo yarose. Nuko baza bitabye umwami.

Abanyabwenge b'Umwami Bamutenguha.—Dukoresheje ijamba mu busobanuro bwaryo, Abakonikoni bakoreshaga ubupfumu bwabo. Ibyo bivuze ko bakoreshaga imigenzo n'imihango yose yo kuragura no gutera inzuzi no kuragura inyenyeri, n'ibindi nk'ibyo. Ubumenyi, cyangwa kuragura, cyangwa ubupfumu bwubakiye ku buhanga mu by'inyenyeri byakorwaga cyane n'ibihugu byo mu burasirazuba byo mu gihe cya kera. Abapfumu bigambaga ko bashobora kuvugana n'abantu bapfuye. Ni mu buryo nk'ubu twemera ko ijamba "abapfumu" rikoresheye buri gihe mu Byanditswe. Abakaludaya bavugwaga aha ryari itsinda ry'abacurabwenge ryafatwaga kimwe n'abakonikoni n'abahanga mu by'inyenyeri, bigaga ubuhanga bwo mu byaremwe no kuvuga ibizaba. Aya matsinda yose cyangwa se abakoraga iyo myuga bari biganje muri Babuloni. icyo buri tsinda muri ayo yose ryifuzaga cyari ikintu kimwe ari cyo: gusobanura ibihishwe no kuvuga ibizaba mu gihe kizaza. icyabatandukanyaga gusa cyari uburyo buri tsinda ryakoreshaga kugira ngo rigere ku cyo ryashaga kugeraho. Ikibazo umwami yari afite cyari mu bushobozi bwa buri tsinda ngo rigisobanure. Ni cyo cyatumye abahamagaza bese ngo baze. Yari ahagaritse umutima cyane, bityo rero yari ashishikajwe no kubona igisubizo giturutse mu buhanga bw'abantu bari mu bwami bwe kugira ngo abashe gutuza.

UMURONGO WA 3 Umwami arababwira ati: "Narose inzosi, umutima wanjye uhagarikwa no gushaka kuzimenya." 4 Nuko Abakaludaya baherako babwira umwami mu rurimi rw'Urunyaramaya bati: "Nyagasani uhoraho iteka ryose. Rotorera abagaragu bawe izo nzosi, tubone uko dusobanura impamvu zazo."

Mu bindi bintu Abakonikoni n'abahanga mu by'inyenyeri bari barashoboye gukora, basaga n'aho bagiye bashobora kwiga ubumenyi bwo gukusanya amakuru runaka y'ibanze ashobora guherwaho bagatanga ubusobanuro bw'ibintu byari bihishwe, cyangwa se bagatanga ishusho yabyo mu buryo buteye urujijo ku buryo uko ibintu byazamere kose batabura uburyo babihuza n'ubusobanuro bari baratanze. Muri icyo kibazo cy'umwami bari bahuye na cyo, badateshutse ku buryarya bwao, basabye umwami ngo abarotorere inzosi yari yarose. Iyo baza gushobora kumenya amakuru yose yerekeranye n'izo nzosi, bashoboraga mu buryo bworoshye kumvikana ku busobanuro runaka butari gutuma kumenyekana kwabo muri rubanda kujya mu kaga. Noneho babwira umwami mu rurimi rw'Urunyaramaya, rukaba rwari ururimi rukomoka ku rurimi rw'Abakaludaya rwakoreshwaga n'abantu bo mu rwego rwo hejuru n'abandi

bagiye mu ishuri. Guhera muri icyo gice ukageza mu iherezo ry'igice cya 7 cy'igitabo cya Daniyeli, inkuru ikomeza kuvugwa mu rurimi rw'Urukundaya, ari rwo rwakoreshwaga n'umwami.

UMURONGO WA 5 Nuko umwami asubiza Abakaludaya ati "Nazibagiwe. Nuko nimutazimbwirango muzinsobanurire, muzatemagurwa kandi ingo zanyu zizahindurwa nk'ibyavuye. 6 Ariko nimumbwira izo nzoz, nzabagororera mbahe impano n'icyubahiro cyinshi. Nuko ngaho nimumbwire izo nzoz n'uko zisobanurwa." 7 Bamusubiza ubwa kabiri bati "Umwami narotorere abagaragu be izo nzoz, natwe turazisobanura." 8 Umwami arabasubiza ati: "Menye rwose ko mushaka kubyirengagiza, kuko mubonye ko nzibagiwe. 9 Ariko nimutamenyesha izo nzoz mwese muzategekwa itegeko rimwe, kuko mwagiye umugambi wo kuza kubeshyera imbere yanyje, mukirengagiza ibyo mbabajije ngo buzacyana ayandi. Cyo nimumbwire izo nzoz menye ko mushobora no kuzisobanura." 10 Nuko Abakaludaya basubiriza imbere y'umwami icyarimwe bati: "Nta muntu n'umwe wo mu isi wabasha kumenyesha umwami iryo jambo, kuko nta mwami cyangwa umutware cyangwa umutegeka, wigeze gusobanuza umukonikoni wese cyangwa umupfumu cyangwa Umukaludaya bene iryo jambo. 11 Icyo umwami aduhatiraho kiraruhaniye, kandi nta wundi wabasha kucyerekana imbere y'umwami, keretse imana zitabana n'abafite imibiri." 12 Ni cyo cyatumye umwami abarakarira uburakari bukabije. Aherako ateguka kurimbura abanyabwenge b'i Babuloni bese. 13 Nuko ingoma ijya ku nama ngo abanyabwenge bicwe, bajya gushaka Daniyeli na bagenzi be ngo bicwe.

Iyi mirongo ikubiyemo uguterana amagambo guteye agahinda hagati y'abanyabwenge n'umwami. Abanyabwenge bashakishaga icyanzu banyuramo ngo bakize amagara yabo, kuko bigaragara ko bari bafatiwe ku rubuga bavugaga ko bashoboye gukiniraho. Umwami nawe yari yamaramaje ko bagomba kumenyesha inzoz ze, kandi ibyo yabasabaga ntibyari bitandukanye n'umwuga bavugaga ko bakora.

Bamwe baneguye bikomeye Nebukadinezari muri iki kibazo, bavuga ko yarimo akora nk'umunyagitugu udafite umutima, kandi udatekerezaga neza. Ariko se aba bakanikoni bo ni iki bavugaga ko bashoboye gukora?—Bavugaga ko bashoboye guhishura ibintu bihishwe, kuvuga ibizaba, kumenyekanisha ibintu byari amayobera birenze ibyo abantu bashobora gusobanukirwa, kandi ibyo bakabikora bafashijwe n'imbaraga ndengakamere. Ku bw'ibyo rero, nta kintu cy'akarengane cyari kiri mu byo Nebukadinezari yabasabaga gukora kugira ngo bamumenyeshe inzoz ze. Igihe bari bamaze kuvuga yuko nta bwenge bw'umuntu bwabasha kumenyesha umwami ibyo ashaka keretse imana zitabana n'abafite umubiri, bari bahamije ko batavugana rwose n'izo mana, bityo bikaba bisobanuye ko na bo ubwabo nta cyo bashobora guhishura kirenze icyo undi muntu wese yahishura. "Ni cyo cyatumye umwami arakara uburakari bukabije" Yabonye ko we n'abaturage be bajya babeshya. Nubwo tudashobora gushyigikira

uburyo bukarishye yari ahisemo gukoresha bwo kwica abo banyabwenge akabarimbura n'imiryango yabo, nta nubwo dushobora kumva atubabaje mu cyemezo yafashe cyo guciraho iteka abantu bigambaga ibyo badashoboye gukora. Umwami ntayashoboraga kwihanganira kutavugisha ukuri n'ibinyoma.

UMURONGO WA 14 Ariko Daniyeli asubizanya Ariyoki umutware w'abasirikare barinda umwami ubwenge no kwitonda. Uwo ni we wari ugiye kwica abanyabwenge b'i Babuloni. 15 Abaza Ariyoki umutware w'umwami ati "Ni iki gitumye habaho itegeko ry'ikubagahu rivuye ku mwami?" Nuko Ariyoki abisobanurira Daniyeli. 16 Daniyeli aherako asanga umwami, amusaba umunsi ngo zamumenyeshe ibyo yabazaga. 17 Nuko Daniyeli ajya mu nzu ye, abibwira bagenzi be Hananiya na Mishayeli na Azariya, 18 kugira ngo bingingire Imana yo mu ijuru ibyo bihishwe, ngo ibagirire imbabazi batarimbura n'abanyabwenge bandi b'i Babuloni.

Daniyeli Arahagoboka.—Muri iyi nkuru tuhabona ukugiraneza kw'Imana ikorera abantu umurimo mu buryo bwinshi bwihariye. Byari muri gahunda y'ijuru kuba inzosi z'umwami zisiga ishusho ikomeye mu ntekerezo ze ku buryo bituma agahagarikwa umutima na zo, ndetse icyo kintu yarose ubwacyo ntashobore kucyibuka. Ibyo byatumye uburyo bw'ibinyoma abakonikoni n'abandi bigisha b'abapagani bakoresheye bushyirwa ku karubanda. Igihe bari bahuye n'ikigerageze kibasaba kumenyesha umwami inzosi ze, ntibashoboye gukora ibyo bavugaga ko bafite ubushobozi bwuzuye bwo kubikora.

Daniyeli na bagenzi be, abo umwami yari aherutse kuvuga ko bafite ubwenge buruta inshuro cumi ubw'abakonikoni n'abandi banyabwenge, bigaragara ko batigeze babazwa ibyerekeye iki kibazo. Nyamara mu kutababaza hari icyiza cyari kirimo. Nk'uko inzosi zari zahishwe umwami, ni ko atari kuveberwa ko yifashe akabanza gusaba Daniyeli gusobanura ibyari bihishwe. Iyo aza kuba yarahamagaye Daniyeli ngo asobanure iby'icyo kibazo mbere hose, abakonikoni ntibababazanywe ngo bagereze. Ariko Imana yahaye amahirwe uburyo bw'Abakaludaya bwa gipagani ngo babanze babugereze. Yarabaretse ngo bagereze maze baratsindwa ku buryo bukojeje isoni, ndetse batura n'iminwa yabo ko badashoboye, kugeza yemwe n'igihe bari bamaze kubwirwa ko bari bwicwe. Ibyo Imana yabikoreye kugira ngo baze kuba biteguye rwose kwemera ubutabazi bwayo igihe yari kuba yerekanye ububasha bwayo mu ruhande rw'abagaragu bayo b'abanyagano, ndetse no kubw'icyubahiro cy'izina ryayo.

Bigaragara ko Daniyeli yamenye ku nshuro ya mbere iby'ikibazo cyari cyabaye ubwo yari ahagaze imbere y'abari batumwe kurimbura abanyabwenge, baje kumufata na we. Igihe ubugingo bwe bwari buri mu kaga butyo, byatumye ashakana Uwituka umutima we wose kugeza ubwo Uwituka yari kurokora abagaragu be. icyifuzo Daniyeli yashyikirije umwami cyo gusaba igihe ngo asenge ku bw'ikibazo cyari cyabonetse, cyarasubijwe.

Daniyeli yahawe amahirwe uko biri kose atarashoboraga guhabwa umukonikoni uwo ari we wese, kubera ko umwami yari yarangije kubahamya ko bahuje inama yo guhimba ibinyoma n'amagambo apfuye, kandi bakaba bari bamusabye igihe cyo gusohozza uwo mugambi wabo mubi. Daniyeli yahise ajya kureba bagenzi be batatu, maze abasaba gufatanya na we gushaka imbabazi z'Imana yo mu Ijuru kugira ngo ibahishurire ibyo bihishwe. Yashoboraga kuba yarasanze wenyine, kandi nta gushidikanya yari gusubizwa. Ariko muri icyo gihe, kimwe n'uko biri muri iki gihe cyacu, hari imbaraga inesha iva mu bumwe bw'ubwoko bw'Imana. Isezerano ryo gusubizwa kw'ibyo dusabye ryahawe babiri cyangwa batatu bateraniye hamwe ngo basabire ikintu bumvikanyeho. (Matayo 18:19,20).

UMURONGO WA 19 Nuko ibyo byahishwe bihishurirwa Daniyeli mu nzizi yarose nijoro. Maze Daniyeli ashima Imana yo mu ijuru **20** ati "Izina ry'Imana rihore rihimbazwa iteka ryose, kuko ubwenge n'amaboko ari ibyayo. **21** Ni yo inyuranya ibihe n'imyaka, ni yo yimura abami ikimika abandi, igaha abanyabwenge ubwenge, n'abazi kwitegereza ikabaha kumenya. **22** Kandi ihishura ibihishwe by'ahatagerwa, izi n'ibyo mu mwijima, umucyo ubana na yo. **23** Ndagushimye, ndaguhimbaza wowe Mana ya ba sogokuruza umpaye ubwenge n'ubushobozi, unsobanuriye ibyo twagusabye kuko utumenyesheje ibyo umwami ashaka."

Ntacyo tuzi ku byerekeranye n'uko igisubizo cy'ishengesho cyaje igihe Daniyeli na bagenzi be bari bakiri gusenga. Mu nzizi za nijoro ni bwo Imana yihishuriye abo basore kugira ngo ibatabare. Amagambo ngo "inzizi za nijoro" asobanura ikintu cyose kigaragarira amaso, byaba bibaye mu nzizi cyangwa mu iyerekwa.

Uwo mwanya Daniyeli yahise ahimbariza Imana ubuntu ibagiriye, kandi nubwo isengesho yasanze ritanditswe, amagambo yavuze yo gushimira igisubizo bahawe yose aranditswe. Imana irubahwa kubwo kuyisingiza kwacu tuyishimira ibyo yadukoreye, kimwe n'uko yubahishwa na none n'uko tuyisaba kudutabara. Nimureke uko Daniyeli yabigenje bitubere urugero. Nimutyo twe kubura gushimira Imana no kuyihimbariza imbabazi zose itugirira. Igihe Kristo yakoreraga umurimo we hano ku isi, mbese ntiyakijije ababembe icumi, kandi umwe gusa akaba ari we wagarutse kumushimira? Yesu yamubazanyije agahinda ati: "abandi icyenda bari hehe?" Luka 17:17

Daniyeli yari afite icyizere cyuzuye mu byo yari yeretswe. Ntabwo yabanje kujya ku mwami kugira ngo arebe niba ibyo yari yahishuriwe ari byo umwami yari yarose koko, ahubwo yahise ahimbaza Imana kuko yari isubije isengesho rye.

Nubwo Daniyeli ari we wari uhishuriwe iby'ikibazo bari bafite, ntabwo yihimbaje nk'aho amasengesho ye wenyine ari yo yatumye igisubizo kiboneka. Ahubwo yahise asanga bagenzi be maze ashimangira ko ibyo

yeretswe ari igisubizo ku masengesho yabo ndetse n'irye. Yaravuze ati: "Unsobanuriye ibyo twagusabye."

UMURONGO WA 24 Nuko Daniyeli ajya kwa Ariyoki wari wategetswe n'umwami kurimbura abanyabwenge b'i Babuloni, amubwira atya ati "Nturimbure abanyabwenge b'i Babuloni, ahubwo unshyire umwami musobanurire ibyo ashaka."

Daniyeli yabanje kwingingira abanyabwenge b'i Babuloni. Yaringinze ati: "Nturimbure abanyabwenge kuko ibyari bihishwe umwami byahishuwe." Ni iby'ukuri koko, uku guhishurwa ntikwari kwavuye ku mbaraga zabo cyangwa ku mikorere yabo ya gipagani yo kuvuga ibizaba. No kugeza icyo gihe bari bagikwiriye kwicwa rwose nk'uko byari biri na mbere hose. Ariko ibyo bavugaga ubwabo bijyana n'akamaro bagira muri icyo kibazo noneho kwari ugukorwa n'isoni bihagije, kandi Daniyeli yari ashishikajwe n'uko basangira na we amahirwe yari yagize bityo na bo ubugingo bwabo bukarokoka. Barokotse bitewe n'uko hagati muri bo hari umuntu w'Imana. Kandi uko ni ko bihora bigenda. Ku bwa Pawulo na Sila, imbohe zose zararokowe (Ibyakozwe n'Intumwa 16:26). Ku bwa Pawulo na none, ubugingo bw'abari bari kumwe na we mu bwato bwarakotse (Ibyakozwe n'Intumwa 27:24). Mbega ukuntu ibihe byinshi abagome babonera inyungu mu kuba bari kumwe n'abakiranutsi! Byababera byiza bagiye bibuka inshingano bafite.

Mbese ni iki gituma abari mu isi barokoka muri iki gihe? Mbese ni nde utuma isi ikiriho n'ubu?—Biterwa n'abantu bake b'abakiranutsi basigaye. Mbese abo bantu bavuyeho, byatwara igihe kingana iki abagome batararekwa ngo bahure n'ingaruka zihwanye n'ubugome bwabo?—Ntibyatwara igihe kiruta icyashize ku bo mu minsi ya Nowa igihe yari amaze kwinjira mu nkuge; cyangwa se icyashize ngo ab'i Sodomu barimbuke Loti amaze gusohoka ahantu bari batuye ahantu hahumanye kandi hagahumanya. Iyo muri Sodomu haza kuboneka abantu icumi gusa b'abakiranutsi, kandi kubw'abo, ubugingo bw'ibihumbi byinshi by'abagome bari bahatuye bwarakotse. Nyamara abanyabyaha bazakomeza gusuzugura no kunnyega no kurenganya abatuma bakomeza kwishimira ubu buzima n'imigisha yose ibubonekamo.

UMURONGO WA 25 Nuko Ariyoki arihuta ajyana Daniyeli ku mwami amubwira ati "Mbonye umugabo wo mu bantu b'abanyagano b'Abayuda, arabwira umwami inzozo ze."

Iteka abatware b'umwami n'abantu baba ibwami bakunze kugira umuco wo kwikundisha ku mwami. Aha naho, Ariyoki yivuzeho yuko yabonye umuntu ubasha kumenyesha umwami ubusobanuro yifuzaga, mbese nk'aho yari ahangayikishijwe no gushakira umwami umuntu ushobora gukemura ikibazo cye, none amaherezo akaba amubonye. Kugira ngo umwami atahure neza iki kinyoma cy'uwo yari yatumye kwica [abanyabwenge b'i Babuloni], yabombaga kwibuka (kandi birashoboka ko

ari ko byagenze,) ikiganiro cy'imbonankubone yagiranye na Daniyeli, n'isezerano Daniyeli yari yatanze yuko aramutse ahawe igihe, yasobanurira umwami iby'inzozi yari yarose. (Umurongo wa 16)

UMURONGO WA 26 Umwami ahindukirira Daniyeli wahimbwe Beluteshazari, aramubaza ati "Mbega urambwira inzozi neretswe n'icyo zisobanura?" 27 Daniyeli asubiza umwami ati "Ibyo bihishwe umwami yasobanuzaga, nta banyabwenge babasha kubimenyesha umwami, cyangwa abapfumu cyangwa abakonikoni cyangwa abacunnyi, 28 ariko mu ijuru hariho Imana ihishura ibihishwe, kandi ni yo yeretse

Umwami Nebukadinezari ibizaba mu bihe bizaza. Inzozi n'ibyo werekewe ku gisasiro ni byo ibi:

Igihe Daniyeli yari ageze imbere y'umwami, indamutso umwami yamuramukijemo ni iyi ngo: "Mbese ushobora kumenyesha inzozi narose?" Nubwo yari aherutse guhura n'uyu Muheburayo, bisa n'aho umwami yakemangaga ubushobozi bw'uyu musore no kuba atari inararibonye ku buryo yashoboraga kumenyesha umwami iby'ikibazo abakonikoni bakuze kandi b'abanyacyubahiro n'abaragura ibizaba mu gihe kizaza bari bananiwe gusobanura. Daniyeli yavuze ku mugaragaro ko abanyabwenge, abahanga mu by'inyenyeri, abapfumu n'abakonikoni batashoboraga kumenyesha umwami ibyo bihishwe. Byari birenze ubushobozi bwabo. Kubw'iyi mpamvu rero, umwami ntiyari akwiriye kubarakarira cyangwa ngo yiringire iby'ubupfumu bwabo bw'ubusa. Umuhanuzi Daniyeli yarakomeje amenyekanisha Imana y'ukuri, itegeka ijuru, akaba ari Yo yonyine ihishura ibihishwe. Daniyeli yaravuze ati: "Ni Yo imenyeshwe umwami Nebukadinezari ibizabaho mu bihe bizaza."

UMURONGO WA 29 "Nuko ibyawwe, nyagasani, watekerezaga uryamywe ibizaba mu gihe kizaza; Ihishura ibihishwe ni yo yakubwiye ibizaba. 30 Kandi jyewe ubwanjye, ibyo bihishwe sinabihishuriwe n'uko ndi umunyabwenge kuruta umuntu wese uriho; ahubwo ni ukugira ngo umwami amenyeshwe iby'inzozi ze, amenye n'ibyo umutima we wibwiraga.

Hano hagaragajwe iyindi mico ya Nebukadinezari yakwishimirwa. Mu buryo butandukanye n'uko abandi bategetsi babigenza, ba bandi bakoresha igihe bafite mu bupfapfa n'ubusambanyi batitaye ku bizabaho mu gihe kizaza, uyu mwami we yatekerezaga ku byo mu gihe kizaza, akifuza cyane kumenya ibizabaho mu gihe kizakurikiraho. Iyo ni imwe mu mpamvu zatumye Imana imuha izo nzozi, izo dukwiye kubonamo ikimenyetso cy'uko Imana yari yitaye kuri uwo mwami. Nyamara Imana ntiyari kugira ibyo ikorera umwami ngo yirengagize ubwoko bwayo bwite. Nubwo yari yahaye umwami inzozi, yohereje ubusobanuro ibunyujije muri umwe mu bagaragu bayo izirikana cyane.

Bwa mbere Daniyeli yirinzwe gushaka gushimirwa ubusobanuro atanze, kandi ashakisha uburyo yahindura ibyiyumviro kamere by'umwami

by'ubwibone bwaterwa n'uko Imana yo mu ijuru imwitayeho. Yamumenyesheje ko nubwo Imana yamuhaye izo nzosi, ko ubusobanuro bwazo atari we wenyine bwari bugendereye gusa, ahubwo bwari bunaje kubera abagombaga kubumugezaho. Yego! Imana yari ihafite abagaragu bayo, kandi ni bo yari iri gukorera umurimo. Bari ab'agaciro kenshi mu maso hayo karuta cyane ak'abami bakomeye cyane n'abatware bo kuri iyi si.

Mbega ukuntu umurimo w'Imana wari usobanutse muri ibi byabayeho! Binyuze muri iki gikorwa kimwe cyo guhishurira Daniyeli inzosi z'umwami, [Imana] yamenyesheje umwami ibyo yifuzaga kumenya, yarokoye abagaragu bayo bayiringira, yatumye ishyamba ry'Abakaludaya riyimenya ko ari Yo imenyera iherezo mu itangiriro, yashyize igisuzuguriro ku buryo bw'ibinyoma abakonikoni n'abapfumu bakoreshaga, kandi yahesheje icyubahiro izina ryayo ndetse ishyira hejuru abagaragu bayo mu maso y'abo bapfumu n'abakonikoni.

Daniyeli Arotora Inzosi.—Nyuma yo gusobanurira neza umwami umugambi "Imana yo mu ijuru" yari ifite igihe yamuhaga kurota inzosi, ko ari uko yashakaga kumumenyesha "ibizaba mu bihe bizaza", Daniyeli yarotoye inzosi ubwazo.

UMURONGO WA 31 "Nuko nyagasani, wabonye igishushanyo kinini kandi icyo gishushanyo cyari kinini cyane, kirabagirana cyane. Cyari kiguhagaze imbere, kandi ishusho yacyo ikaba yari iteye ubwoba. 32 Nuko icyo gishushanyo umutwe wacyo wari izahabu nziza, kandi igituza cyacyo n'amaboko yacyo byari ifeza, inda n'ibibero byacyo byari imiringa, 33 amaguru yacyo yari ibyuma, n'ibirenge byacyo byari igice cy'ibyuma n'icy'ibumba. 34 Urabyitegereza ugeza aho ibuye ryaziye ritarimbuwe n'intoki, ryikubita ku birenge by'icyo gishushanyo by'ibyuma n'ibumba, rirabimenagura. 35 Nuko icyuma n'ibumba n'umuringa, n'ifeza n'izahabu biherako bimenagurikira rimwe, bihinduka nk'umurama w'aho baturira mu cyi, bitumurwa n'umuyaga ntibyagira ishyikizo, maze iryo buye ryakubise igishushanyo rihinduka umusozi munini, rirangiza isi yose.

Nebukadinezari waramyaga imana z'idini y'Abakaludaya, yasengaga ibigirwamana. Kuri we, igishushanyo cyari ikintu cyagombaga gikururra intekerezo ze kandi akacyubaha. Ikindi kandi, ubwami bwo ku isi nk'uko tuzabibona imbere, bwagaragajwe n'iki gishushanyo, bwari ibintu by'agaciro kandi biteye ishema mu maso ye.

Nyamara, mbega ukuntu iki gishushanyo cyashoboje ubwenge bwa Nebukadinezari gusobanukirwa ukuri gukomeye kandi kw'ingenzi yari akwiriye kugezwaho! Hejuru yo kwerekana uko ibintu bizakurikirana mu gihe kirekire kugira ngo bifashe abantu bayo, Imana yagombaga kwereka Nebukadinezari uburyo gukomera n'icyubahiro byo mu isi ari ubusa kandi nta cyo bimaze. Mbese ni ubuhe buryo ibi byagombaga gukorwa mu buryo bwiza bukomereye kurenza kwerekwa igishushanyo gifite umutwe w'izahabu? Mu gice cyo muni y'umutwe w'icyo gishushanyo hari hakurikiyeho ibindi

bice bikozwe mu mabuye y'agaciro agenda agabanuka mu gaciro uko ukomeza hasi kugeza ubwo umuntu ageze ku gice cyo hasi ku birenge n'amano byari bikozwe mu byuma bivanze n'ibumba. Igishushanyo cyose cyaje kumenagurika gihinduka udushingwe, mbese gihinduka nk'umurama w'aho baturira mu cyi. Hanyuma bitumurwa n'umuyaga biragenda ntibyangira ishyikizo, nuko haza ikindi kintu gikomeye cyane kandi giturutse mu ijuru kijya mu mwanya wa cya gishushanyo! Uko ni ko Imana yashoboraga kwereka abana b'abantu ko ubwami bwo ku isi bugomba guhanguka, kandi ko gukomera n'icyubahiro byo mu isi bimeze nk'igikinisho gishashagirana (igipilizo), bityo bikazamenagurika ndetse bikayoyoka. Mu mwanya w'ibyo byose byamazeho igihe byarigaruriye, hazashingwa ubwami bw'Imana kandi ntibuzagira iherezo; mu gihe abita kuri ubwo bwami bazigumira mu gicucu cy'amababa yayo ahantu hari amahoro y'iteka ryose. Nyamara ibyo turabitegereje.

UMURONGO WA 36 "Nuko izo ni zo nzozi, kandi turasobanura impamvu zazo aha imbere y'umwami. 37 Nuko wowe nyagasani, uri umwami w'abami. Imana yo mu ijuru yaguhaye ubwami n'ubushobozi n'imbaraga n'icyubahiro, 38 yaguhaye n'inyamaswa zo mu gasozi n'ibisiga byo mu kirere by'aho abantu baba hose, ibishyira mu kuboko kwawe ngo ubitegeke byose. Nuko nyagasani, wa mutwe w'izahabu ni wowe.

Daniyeli Asobanura Inzozo.—Noneho amwe mu mateka y'ubwami bwo mu isi yumvikana kurusha ayandi arabumbuwe. Imirongo umunani migufi yo mu nyandiko yahumetswe ibumbatiye igitekerezo cyose, nyamara icyo gitekerezo na cyo gihuriye hamwe amateka yose y'ubutware no gukomera byo mu isi. Umwanya muto urahagije kugira ngo umuntu ahe afashe iyo mirongo mu mutwe, nyamara igihe gikubiye muri iyo mirongo ni kirekire, gihera mu gihe kiri hejuru y'ibinyejana makumyabiri na bitanu bishize, kuva icyo gihe ukagenda ukagera ku kwima no guhanguka kw'ingoma z'abami [zabayeho], ukagera ku bwami bukomeye bwagiye butegeka isi yose no guhanguka kwabwo, ibihe byinshi byashize, bigatambuka bikarenga igihe cyacu bikagera no mu bihe by'iteka ryose. Gikubiyemo byinshi cyane ku buryo gikomatanze ibi bintu byose, nyamara kirafututse cyane ku buryo cyereka urukurikirane rw'ubwami bwo ku isi guhera icyo gihe cya kera kugeza ubu. Ubuhanza bw'abantu ntibwigeze bushobora kuvuga muri make inkuru ikubiyemo ibintu byinshi bene ako kageni. Ururimi rwa muntu ntirushobora na rimwe kuvuga mu magambo make ukuri kw'amateka maremare nk'aya. Urutoki rw'Imana rwari ruri muri ibi. Rero, nimutyo twumve iri somo neza.

Mbese umwami agomba kuba yarishimye kandi agatangara bingana iki igihe yari amaze kubwirwa n'umuhanuzi ko ubwami bwe bugereranywa n'umutwe w'izahabu w'icyo gishushanyo kinini cyane? Daniyeli yamenyesheje umwami ko Imana yo mu ijuru yamuhaye ubwami, ikamuha gutegeka ibintu byose. Ibi byari bikwiriye gutuma areka kwibona bitewe no gutekereza ko yaba yarageze ku mwanya yari afite abikesheje imbaraga ze

n'ubwenge bwe bwite, kandi byari gutuma ashimisha Imana y'ukuri umutima we.

Ubwami bw'i Babuloni bwaje gukomera kugeza ubwo bugereranyijwe n'umutwe w'izahabu w'igishushanyo cyerekana amateka, bwari bwarashinzwe n'uwitwa Nimurodi, umwuzukuruza wa Nowa mu myaka irenga ibihumbi bibiri mbere ya Kristo. "Kandi Kushi yabyaye Nimurodi, atangira kuba umunyamaboko mu isi. 9 Yari umuhigi w'umunyamaboko imbere y'Uwiteka, ni cyo gituma bavuga bati: "Nka Nimurodi, wa muhigi w'umunyamaboko imbere y'Uwiteka." 10 Igihugu yimyemo ubwa mbere ni Babeli [Babuloni] na Ereki, na Akadi n'i Kalune mu gihugu cy'i Shinari." Bigaragara ko Nimurodi ari na we wahanze umurwa wa Niniwe, ari wo nyuma yaho waje guhinduka umurwa mukuru wa Asiriya. (reba amagambo y'ubusobanuro bw'inyongera bw'Itangiriro 10:11).

Gusohora kw'Inzosi.—Ubwami bwa Babuloni bwagize ububasha igihe bwari buyobowe n'umujenerari witwa Nabopolasari waje guhinduka umwami wabwo. Igihe yapfaga mu mwaka wa 604 Mbere ya Kristo, umuhungu we Nebukadinezari yimye ingoma. Nk'uko R. Campbell Thompson abivuga: «Ibyari byaragiye bibaho byari byarerekanye ko Nebukadinezari yari umugaba w'ingabo w'umunyamaboko kandi w'umuhanga, ndetse yari umugabo ukomeye ufite imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge ku buryo yari akwiriye rwose gusimbura se. Yajyaga guhinduka umuntu ukomeye kuruta abandi wo mu gihe cye mu Burasirazuba bwa Hafi nk'umusirikari, umuyobozi w'igihugu, ndetse n'umwubatsi ukomeye. Iyaba abamusimbuye baza kumera nkawe aho kwibera abahungu badafitse inararibonye ndetse ntibagire ubuhanga n'imbaraga zo kurengera igihugu, Babuloni yari kubera Abaperesi ikibazo gikomeye. Yeremiya avuga atya ati: «Amahanga yose azamukorera, we n'umwana we n'umwuzukuru we kugeza igihe igihugu cye kizazungurwa.» (Yeremiya 27:7).⁴

Yerusalemu yigaruriwe na Nebukadinezari mu mwaka we wa mbere amaze kwima ingoma, hakaba hari mu mwaka wa gatatu wo ku ngoma ya Yehoyakimu umwami w'u Buyuda (Daniyeli 1:1), mu mwaka wa 606 M.K. Nebukadinezari yamaze imyaka ibiri afatanyije na se Nabopolazari kuyobora ubwami. Aha ni ho Abayuda batangirira kubara imyaka [Nebukadinezari] yamaze ku ngoma, nyamara Abakaludaya bo batangirira kubara imyaka yamaze ku ngoma bahereye muri 604 M.K, nk'uko byavuzwe mu mpapuro zibanza. Ku byerekeye abasimbuye Nebukadinezari, Mu cyerekezo kimwe n'iby'umutegetsi wamaze kuvugwa haruguru yavuze ku basimbuye Nebukadinezi ku ngoma, R. Campbell Thompson yongeraho atya ati: «Nebukadinezari yatanze hagati y'ukweze kwa Kanama n'ukwa Nzeli, by'umwaka wa 562 M.K., maze asimburwa n'umuhungu we Ameli-Mariduki (562-560 M.K) ari we Yeremiya yita Evilimerodaki (Yeremiya 52:31). Yahawe igihe gitoya kugira ngo agaragaze ko ashoboye; igihe kigufi

⁴ *The Cambridge Ancient History*, Vol. III, p. 212. By permission of the Macmillan Company, publishers in the USA.

kingana n'imyaka ibiri yamaze ku ngoma kirahagije kugira ngo yerekane ko uko ibintu byari bimeze mu bya politiki bitari byiza ku muryango w'ibwami.⁵

Abandi bategetsi bakurikiyeho ku ngoma y'i Babuloni, bari abanyantegenke, ntibashoboraga guhwana na Nebukadinezari. Kuro umwami w'Abaperesi yagose Babuloni maze arayigarurira.

Imiterere y'ubwami bwa Babuloni igaragazwa n'umutwe w'izahabu w'igishushanyo. Bwari ubwami bw'izahabu bwabayeho mu gihe cy'izahabu. Babuloni, umurwa wayo munini cyane wari ufite iminara igeze mu bushorishori ku buryo nta n'umwe mu bwami kwasimbuye ubwo bwami wigeze ugera bene aho hantu. Uwo murwa wari wubatse mu busitani bwo mu burasirazuba; wari wubatswe ku buso bufite ishusho ya mpande enye zingana ifite Kilometro hafi kilometro 112 z'umuzenguruko, buri ruhande rwanganaga na kilometro zigera hafi kuri 28; ukaba kandi wari uzengurutse n'inkike zifite ubuhagarike buri hagati ya metero 61 na metero 91, zifite umubyimba ungana na metero 26. Izo nkike (inkuta) zari zizengurutse n'umuyoboro w'amazi unganya ubunini hose kandi ukangana n'umubyimba w'inkike z'uwo murwa. Imbere mu murwa warimo imihanda iwugabanyamo za mpandenye, buri muhanda ufite ubugari bungana na metero hafi 46, ikanyuranamo ikorana imfuruka zigororotse kandi buri muhanda ukaba ugororotse ndetse uringaniye neza. Umurwa wari ufite ubusitani bunini kandi bubereye ijisho bungana na kilometerokare hafi 360 (360 km²) bugiye burimo hagati amazu yo kuruhukiramo—uyu murwa, n'umuyoboro w'amazi wari uwuzengurutse ureshya na kilometro hafi 97, ukagira inkike ziwuzengurutse zireshya na kilometro hafi 112, n'umugezi wawutembagamo rwagati ugoswe n'inkike zireshya na kilometro 48, inzugi nini zikinga amarembo y'umurwa zari zikozwe mu muringa ukomeye cyane, ubusitani bwari bwubatse mu kirere mu buryo bw'amaterasi agenda azamuka hejuru kugeza ubwo bureshya n'inkike z'umurwa ubwazo. Ingoro yarubagamo y'ikigirwamana Belusi yari ifite umuzenguruko ureshya na kilometro hafi eshanu (5km). Uwo murwa warimo ingoro ebyiri z'umwami, iya mbere yari yubatse ahantu hafite umuzenguruko ungana na kilometro hafi esheshatu, naho ingoro ya kabiri yari yubatse ku buso bw'ahantu hafite umuzenguruko ungana na kilometro hafi 13, ndetse izo ngoro z'umwami zombi zari zifite inzira izihuza ica mu butaka, inyura munsu y'umugezi wa Ufurate. Uyu mujiyari wari wubatswe kuri gahunda inoze yo gutuma ibintu bimera neza, urimbishijwe, kandi urinzwe ndetse ufite n'ubukungu butagira akagero. Muri wo harimo ibintu byinshi kandi ubwabyo byari ibintu byatangazaga abatuye isi, ndetse ubwawo wari igitangaza kandi na n'ubu uracyatangarirwa. Aho ngaho ni ho isi yose yubararaga ku birenge by'uwo murwa, wari umwamikazi utagira uwo bahwanyije gukomera, wanditsweho aya magambo ngo: «Icyubahiro cy'ubwami, ubwiza bwo gukomera kw'Abakaludaya». Aho ni ho hari uwo mujiyari, umurwa mukuru w'ubwami bwari buhagarariwe n'umutwe w'izahabu ku gishushanyo kinini cyerekana amateka.

⁵ Ibid., p. 217.

Iyo ni yo Babuloni yari ifite Nebukadinezari ho umuyobozi, umugabo ushize amanga, w'umunyambaraga, uhamye, ari we wari wicaye ku ntebe ya cyami igihe Daniyeli yinjiraga muri uwo murwa ngo abakorere nk'umunyagano mu gihe cy'imyaka 70 muri iyo ngoro nziza cyane. Aho ni ho abana b'Uwiteka bari barakandamijwe, aho kunezezwa n'ubukire bw'igihugu bari barajyanywemo ari abanyagano, ni ho bakamanika inanga zabo ku biti byo ku mugezi wa Ufurate, maze bakwibuka Siyoni bakarira.

Aho ni ho hatangiriye ubunyage bw'itorero mu buryo bwagutse. Guhera icyo gihe ugakomeza, ubwoko bw'Imana bwakomeje gutwazwa igitugu n'abatware bo ku isi, ndetse bakanabakandamiza ku rwego rworoheje cyangwa se urukomeye. Uko ni ko bizakomeza kumera kugeza ubwo ubutware bwose bwo ku isi buzagomorerwa wa wundi ufite uburenganzira bwo gutegeka nk'Umwami uganje. Kandi dore uwo muni wo gutabarwa urihuta vuba!

Hariho undi murwa utazinjirwamo na Daniyeli gusa, ahubwo ugiye kwinjirwamo vuba bidatinze n'abana b'Imana bose uhereye ku woroheje ukageza k'ukomeye. Ntabwo ari wa mujiy ufite umuzenguruko unga na kilometero 112 gusa, ahubwo uzaba ufite umuzenguruko ungana na kilometero 2400; umurwa udafite inkike zubatswe n'amatafari afatanishijwe kaburimbo, ahubwo zubatswe n'amabuye y'igicro cyinshi na yasipi. Umurwa ufite inzira zitandukanye n'inzira zishashwemo amabuye nk'uko byari bimeze mu nzira z'i Babuloni zari nziza cyane, ahubwo izo zo zisizwemo izahabu irabagirana. Umugezi wo muri uwo murwa ntabwo ari Ufurate, ahubwo ni uruzi rw'ubugingo. Ntabwo indirimbo zo muri wo ari iminiho n'amaganya y'imitima imenetse y'abanyagano, ahubwo hasakajwe indirimbo zo kunesha urupfu n'igituro, izo iteraniro rinini ry'abacunguwe rizaririmba. Umucyo waho ntabwo waka ngo wongere uzime nk'uwo mu isi, ahubwo ubwiza bw'Imana n'ubw'Umwana w'Intama butagajuka ndetse ntiburondoreke ni bwo buzawuvira. Ntibazinjira muri uwo murwa nk'abanyagano binjira mu gihugu cy'amahanga, ahubwo bazawinjiramo nk'impunzi zigarutse mu rugo rwa se. Ntabwo ari ahantu humvikana amagambo nk'aya ngo «ububata», «ubucakara», «gukandamizwa», aho bene ya magambo azaremerera imitima y'abayumva, ahubwo ni ahantu hazajya humvikana amagambo aryoheye amatwi nk'aya ngo: «imuhira», «umudendezo», «amahoro», «ubutungane», «ibyishimo bitarondoreka», n'«ubugingo buzira iherezo», ari yo azuzura imitima yabo bakishima iteka n'iteka. Ni ukuri! Iminwa yacu izuzura ibitwenge, kandi indimi zacu zizuzura indirimbo ubwo Uwiteka azaba agaruye i Siyoni abajyanyweho iminyago. (Zaburi 126:1,2; Ibyahishuwe 21:1-27).

UMURONGO WA 39 Kandi uzakurikirwa n'ubundi bwami budahwanije n'ubwawe gukomera, kandi hazaba ubundi bwami bwa gatatu bw'imiringa butegeke isi yose.

Nebukadinezari yategetse imyaka 43 maze asimburwa n'aba bami bakurikira: umuhungu we Evilimerodaki wategetse igihe cy'imyaka ibiri;

hakurikiraho Nerigilisari wari umukwe wa Nebukadinezari, nawe ateguka imyaka ine; hakurikiraho Laborosowarikodi, wari umuhungu wa Nerigilisari, ateguka amezi icyenda gusa, kandi kuba icyo gihe kitageze no ku mwaka, uyu ntabwo abarwa mu rutonde rw'Abaputolemi; hanyuma hakurikiraho Nabonidusi ari we se wa Belushazari, umwuzukuru wa Nebukadinezari, uwo bamuhaye ngo bafatanye kuyobora.

«Igihamya cy'ubu bufatanye kiboneka mu bubiko bwa Nabonadiyusi [Nabonidusi] bwabonetse ahitwa Mugheir, aho basabiraga ibiigirwamana kubarinda basabira Nabunadidi n'umuhungu we Belushazari, abadakunda gusigana byerekana ko bari bafatanije ubutegetsi (*British Musieum Series*, Vol.I, pl. 68, no.1). Batangiye gufatanya ubutegetsi mu mwaka wa 540 Mbere ya Kristo., mu mwaka wa 15 Nabonadusi ari ku ngoma, guhera ubwo ni bwo batangira kubara ngo mu mwaka wa gatatu Belushazari ari ku ngoma nk'uko biboneka muri Daniyeli 8:1. Niba (nk'uko nabishimangiye) Belushazari yari umwana w'umukobwa wa Nebukadinezari wari warashakanye na Nabonadusi amaze kwima ingoma, ntabwo ashobora kuba yari arengeje imyaka cumi n'ine igihe se yari amaze imyaka cumi n'itanu ku ngoma.»⁶

Kugwa kwa Babuloni.—Mu mwaka wa mbere wo ku ngoma ya Nerigilisari, imyaka ibiri gusa nyuma y'urupfu rwa Nebukadinezari, hatangiye intambara iteye ubwoba hagati y'Abanyababuloni n'Abamedi, yaje kurangira ubwami bwa Babuloni buhiritswe. Cyasaresi (Cyaxares) umwami w'Abamedi, ari we witwa «Dariyo» nk'uko biri muri Daniyeli 5:31, yitabaje mwishywa we witwaga Kuro wari uwo mu muryango w'Abaperesi. Intambara yarakomeje ubudahagarara ari na ko Abamedi n'Abaperesi bagenda babona intsinzi ubudatezuka kugeza ubwo mu mwaka wa munani wa Nabonidusi, (ari wo mwaka wa gatatu Belushazari atangiye gutegeka), Kuro yagose Babuloni, ari na wo mudugudu rukumbi wo mu burasirazuba wamutwaye igihe kirekire kugira ngo awigarurire. Abanyababuloni biyegeyeranyirije muri izo nkike zabo zasaga n'izitamenerwamo, kandi bafite n'ibyo kubatunga byabasha kumara imyaka makumyabiri, kandi bari bafite n'ubutaka buhagije mu murwa imbere ku buryo bwavamo ibyo gutunga abaturage bawo n'ingabo zirinze umurwa mu gihe kirekire cyane. Bahagararaga ku nkike ndende z'uwo murwa maze bagakwena Kuro, ndetse basuzugura cyane umuhati we wasaga n'udafite icyo uvuze mu kugerageza kwigarurira umurwa. Ukurikije imitekerereze ya kimuntu, bari bahagaze neza ku buryo bari bafite impamvu zo kwiyumvamo ko bafite umutekano. Ukurikije ibipimo byo ku isi, ntibyashobokaga ko umurwa nk'uwo ufatwa hakoreshejwe intwari z'intambara zari ziriho muri icyo gihe. Ku bw'ibyo rero, bari bafite impamvu zo guhumeka neza kandi bagasinzira ndetse bakagona nk'aho nta mwanzi utegereje kubatera cyangwa wubikiriye hafi y'inkike zabo. Nyamara Imana yari yaciye iteka ko uwo murwa w'ubwibone kandi wuzuye ibyaha ugomba kumanuka hasi ku

⁶ George Rawlinson, *The Seven Great Monarchies of the Ancient Eastern World*, Vol. II, p. 610, Note 202.

butaka ukava ku ntebe yawo y'ubwiza bwa cyami. Kandi se iyo ivuze, ni ukuhe kuboko k'umuntu upfa kubasha guhinyuza ijambo ryayo?

Mu kwiyumvamo ko bafite umutekano ni ho hari hari akaga kabo. Kuro yafashe umwanzuro wo gukoresha amayere kugira ngo agere kubyo atajyaga kugeraho akoresheje imbaraga. Amaze kumenya ko hari ibirori ngarukamwaka byegereje, aho abatuye umurwa bose bari kuba birunduriye mu kwishimisha no mu birori byo kurya no kunywa, yahanze amaso uwo munsu ategereje ko ugera ngo abone uko asohozza umgambi we.

Nta hantu ho kwinjirira yari afite kugira ngo agere mu murwa keretse gusa ko yashoboraga kwinjirira aho uruzi rwa Ufurate rwinjiriraga mu murwa runyuze munsu y'inkike z'umurwa. Yiyemeje gukoresha umuyoboro urwo ruzi rwanyuragamo ngo umubere inzira yo kwinjira muri icyo gihome abanzi be bari barimo. Kugira ngo ibyo abigereho, amazi yagombaga kuyayobya akerekeza indi nzira, ntanyure mu yo yanyuragamo aya mu murwa. Kubera iyo mpamvu, ku mugoroba ubanziriza iyo minsi mikuru yavuzwe ahabanza, yatoranyije umutwe w'ingabo kugira ngo ziyobye uwo mugezi mu isaha runaka bawuhinduremo ikiyaga cy'amazi ku ntera itari ndende hakurya y'umurwa. Undi mutwe w'ingabo wagombaga gufata ibirindiro ahantu umugezi winjiriraga mu murwa; noneho umutwe w'ingabo wa gatatu ugafata ibirindiro hepfo y'umurwa ku birometero 24 aho umugezi wasohokeraga uva mu murwa. Iyi mitwe ibiri ya nyuma yari yahawe amabwiriza yo guhita yinjirira aho amazi yanyuraga ubwo yari kubona uruzi rukamye, maze muri uwo mwijima w'ijoro bagashakisha inzira munsu y'inkike z'uwo murwa, bagakomeza berekeza ku ngori y'umwami bityo bakagwa gitumo ingabo zirinda umwami bakazica, bagafata umwami ari muzima cyangwa se bakamwica. Igihe amazi yari amaze guhindurwamo ikiyaga, bidatinze amazi y'urwo ruzi yaragabanutse bihagije ku buryo umuntu yayagendamo, maze ingabo zikurikira uwo muyoboro kugeza zigeze rwagati mu murwa.⁷

Nyamara ibyo byose ntacyo byari kugeraho iyo abari mu murwa bose bataza kuba bari birunduriye mu birori bya nijoro kugeza ubwo basigara ntacyo bitayeho kandi bibwira ko ari amahoro, kandi iyo myitwarire ni yo Kuro yari ategereje igihe kinini abone uko asohozza umugambi we. Kuri buri ruhande rwose rw'uruzi mu burebure bwawo uko bwakabaye hari hari urukuta rurerure cyane rufite umubyimba ungana n'uw'inkike zizengurutse umurwa. Muri izo nkuta harimo inzugi nini cyane zikozwe mu muringa, iyo zakingwaga zigahindirwa, nta muntu wabaga agishoboye kuhinjira anyuze aho umugezi wirohera ngo yambukiranye agere mu nzira zahuriraga kuri uwo ruzi. Iyo icyo gihe inzugi ziza kuba zakinzwe, ingabo za Kuro zari kwinjira mu murwa zinyuze aho uruzi rwanyura maze zigakomeza kugenda gusa zikagera aho uruzi rwinjirira maze zikongerera kwibona zasohotse hanze y'umurwa, nubwo zari kuba zakoresheje imbaraga zose ngo zigarurire uwo murwa.

⁷ See Herodotus, pp. 67-71; George Rawlinson, *The Seven Great Monarchies of the Ancient Eastern World*, Vol. II, pp. 254-259.

Ariko muri ibyo birori byari byuzuyemo gusinda mu ijoro, Abanyababuloni bari baretse ayo marembo yinjira mu ruzi ntibayakinga nk'uko umuhanuzi Yesaya yari yarabivuze bitaraba imyaka myinshi mbere y'icyo gihe agira ati: "Ibi ni byo Uwiteka abwira Kuro, uwo yimikishije amavuta ati: 'Ni we mfashe ukuboko kw'iburyo nkamuneshereza amahanga ari imbere ye, kandi nzakenyuruza abami kugira ngo mukingurire inzugi, kandi n'amarembo ntazugarirwa.'" (Yesaya 45:1). Abantu ntibabashije kumenya uko ingabo b'Abaperesi zinjiye. Mu maso ha benshi hagombaga kuba harasuherejwe n'ubwoba iyo baza kurabukwa ko amazi y'umugezi yagabanutse mu buryo butunguranye, kandi bari guhita basobanukirwa n'ishyano riteye ubwoba ryari kuba riherekeje ibyo. Indimi za benshi zari guhita zikwirakwiza mu murwa ijwi ry'impuruza bataka bya kinyamaswa, iyo baza kurabukwa ingabo z'abanzi babo zigenda zinyonyomba mu mwijima zerekeje aho bari biringiye ubuhungiro n'umutekano. Nyamara nta muntu n'umwe warabutswe uko kugabanyuka kw'amazi y'uruzi gutunguranye; nta muntu warabutswe kwinjira kw'abarwanyi kabuhariwe b'Abaperesi; nta muntu witaye ku kuba inzugi zinjira mu ruzi zikwiriye gukingwa kandi zikabaho abarinzi; nta n'umwe wigeze agira ikindi yitaho keretse ko bari barangamiye ku buryo bagombaga kwiroha mu busambanyi bw'urukozasoni bwa kinyamaswa bagashayisha bikabije nta kindi bitayeho. Kuvuyarara kw'iryo joro kyatumye Abanyababuloni banyagwa ubwami bwabo ndetse babura n'umudendezo wabo. Bagiye mu birori by'ubugoryi bategekwa n'umwami wa Babuloni maze bakanguka bisanga ari inkoreragahato z'umwami w'u Buperesi.

Byamenyekanye ko ingabo za Kuro zageze mu murwa igihe zari ziguye gitumo abasirikari barindaga umwami mu marembo yinjira mu rugo rw'umwami. Bidatinze Belushazari yamenye igiteje intugunda, maze apfa arwana ku bugingo bwe. Uyu munsu mukuru Belushazari yari yaresheje usobanurwa neza mu gice cya gatanu cy'igitabo cya Daniyeli, kandi iyo nkuru isozwa n'amagambo yoroshye avuga ngo: "Ariko iryo joro Belushazari umwami w'u Bukaludaya aricwa. Ubwo bwami buhabwa Dariyo w'Umumedi, yari amaze nk'imyaka mirongo itandatu n'ibiri avutse."

Umunyamateka witwa Prideaux aravuga ati: "Dariyo w'Umumedi, ni ukuvuga Cyaxares, nyirarume wa Kuro, yimye ingoma; kubera ko Kuro yamwemereye kwitirirwa ahantu hose yagabye ibitero akahatsinda igihe cyose yari kuba akiriho"⁸

Uko ni ko ubwami bwa mbere bwashushanywaga n'umutwe w'izahabu wari ku gishushanyo kinini bwarangiye mu buryo bukojeje isoni. Byari ibisanzwe ko uwajyaga gutsinda umurwa w'icyubahiro nka Babuloni agahinduka nyirawo, umurwa wari mwiza gusumba ikindi kintu cyose cyo mu isi, yashoboraga kuwuhindura icyicarwo cy'ubwami bwe, akawurekera ubwiza wari usanzwe ufite. Nyamara Imana yari yaravuze ko uwo murwa uzakhinduka ikirundo cy'umusaka, inyamaswa z'inkazi zo mu butayu zikaba

8 Humphrey Prideaux, *The Old and New Testament Connected in the History of the Jews*, Vol. I, p. 137

ari zo zihaba; amazu yaho akababwamo n'ibikoko biteye ubwoba; amasega agakankamira mu mazu yaho y'inyumba, n'imbwebwe zikamokera mu mazu yaho ashimwa. (Yesaya 13:19-22). Wagombaga kubanza kuba umusaka. Kuro yubatse undi murwa mukuru i Susa, umujyi w'ikirangirire wo mu ntara ya Elamu mu burasirazuba bwa Babuloni, ku nkengero z'umugezi wa Kowasipesi (Choaspes), ishami ry'uruzi rwa Tigiri. Birashoboka ko ibi byabaye mu mwaka wa mbere wo ku ngoma ye.

Ubwibone bw'Abanyababuloni bubyukijwe by'umwihariko n'icyo gikorwa Kuro yari akoze, mu mwaka wa gatanu Dariyo witwa Histasipesi (Hystaspes) ari ku ngoma, muri 517 M.K., Abanyababuloni bigometse ku butegetsi bwe maze bongera kwikururira kugerwaho n'imbaraga zose z'ubwami bw'Abaperesi. Na none bakoresheje ubucakura, umurwa wongeye gufatwa. Dariyo ajyana inzugi nini z'umuringa zakingaga umurwa, asenya inkike z'umurwa ziva kuri metero 90 z'uburebure bw'ikijyejuru zigera kuri metero 22. Iyo ni yo yabaye intangiriro yo gusenya k'uwu murwa. Icyo gikorwa cyatumye umurwa usigara udafite ikiwukingira, bityo buri mutwe wose witwaje intwari wabashaga kuwutera. Ahasuwerusi ubwo yari avuye mu Bugiriki, yasahuye ingoro y'ikigirwamana Belusi atwara ubutunzi bwinshi bwari buyirimo, hanyuma asenya iyo nyubako nini cyane ihinduka amatongo. Alegizandere Ukomeye yagerageje kongera kurwubaka, ariko nyuma yo gukoresha abantu ibihumbi cumi mu gihe cy'amezi abiri bahakura ibishingwe, yaje kwicwa n'inzoga nyinshi yari yasinze ndetse no gukora ubusambanyi bw'urukozasoni, nuko uwo murimo urasubikwa. Mu mwaka wa 294 Mbere ya Kristo, Seleksi Nikatori yubatse umurwa wa Babuloni Nshya hafi y'aho Babuloni ya kera yari yubatse, maze afata ibikoresho byinshi byo mu murwa wa Babuloni ya kera ndetse n'abaturage baho kugira ngo bubake Babuloni nshya ndetse banayituremo. Noneho amaze kuhamara abantu, kuhirengagiza no kugajuka kwaho byerekanaga mu buryo buteye ubwoba ibyabaye kuri uwo murwa wa kera. Ibikorwa by'urugomo by'abami b'Abaperesi byatumye uwo murwa uhinduka amatongo byihuse. Ahagana ku iherezo ry'ikinyejana cya kane mbere ya Kristo, abami b'Abaperesi bakoresheye aho hantu bahakingirana inyamaswa zo mu ishyamba. Mu iherezo ry'ikinyejana cya 12, dukurikije amakuru atangwa n'umukerarugendo wamenyekanye cyane, ibisigazwa bike by'amatongo y'ingoro ya Nebukadinezari byari byuzuyemo inzoka n'ibikururuka bigira ubumara bwinshi ku buryo no kubitegereza ukahikura amahoro byari bigoye. Kandi muri iki gihe, ibisigazwa by'amatongo bihari nubwo ari bike, bikoresheye gusa nk'ikimenyetso n'urwibutso by'ahigeze guhagarara umurwa munini, wari ukungahaye cyane kandi wuzuye ubwibone wo mu isi ya kera.

Bityo rero, amatongo ya Babuloni ikomeye atwereka neza uburyo Imana isohoza iby'ijambo yavuze, n'uburyo gushidikanya kw'abatizera ikugaragaza nk'ubuhumyi bihitiyemo babigambiriye.

"Uzakurikirwa n'ubundi bwami budahwanyije n'ubwawe gukomera." Imikoresherezwe y'ijambo "ubwami" rivugwa aha, ryerekana ko ubwami

[bwinshi] buhagarariwe n'ibice bitandukanye by'igishushanyo, ntabwo ryerekana abami runaka ku giti cyabo. Bityo rero, igihe umwami Nebukadinezari yabwirwaga ngo "Uwo mutwe ni wowe", nubwo iyo nsimbuzazina yakoreshejwe, icyo bashakaga kuvuga ni ubwami ubwabwo, ntabwo ari umwami ubwe wavugwaga.

Ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi.—Ubwami bwakurikiyeho ari bwo bw'Abamedi n'Abaperesi, bwari buhagarariwe n'igituza n'amaboko by'ifeza byo ku gishushanyo kinini. Bwagombaga kuba bworoheje ugereranyije n'ubwabubanjirije. Mbese bwari kuba bworoheje mu biki? Ntabwo ari mu bijyanye n'ububasha kubera ko bwatsinze Babuloni. Ntabwo kandi ari mu bunini bw'ahantu bwategekaga, kuko Kuro yatsinze uburasirazuba bwose uherye ku Nyanja ya Aegea ukageza ku mugezi wa Indus, maze yubaka ubwami bwagutse. Nyamara ntibwari buhwaniye n'ubwabubanjirije mu butunzi, mu binezeza amaso no mu bwiza.

Ubirebeye mu cyerekezo cy'Ibyanditswe byera, igikorwa cy'ibanze cyakozwe mu gihe cy'ubwami bwa Babuloni ni ukujyana abana ba Isirayeli mu bunyage; naho igikorwa cya mbere cyabaye ku ngoma y'Abamedi n'Abaperesi cyabaye icyo kurekura Abisirayeli bagasubira mu gihugu cyabo. Igihe Kuro yigaruriraga ubwami bwa Babuloni, nk'igikorwa cyo kubaha, yahaye umwanya wa mbere mu bwami bwe nyirarume witwaga Dariyo mu mwaka wa 538 M.K. Ariko imyaka ibiri ishize, Dariyo yatanze asiga Kuro ari we mwami rukumbi w'ubwo bwami. Muri uyu mwaka, ari na wo wasozaga imyaka 70 Abisirayeli bagombaga kumara mu bunyage, Kuro yatanze itegeko ryamenyekanye cyane riha Abayuda uburenganzira bwo gusubira iwabo bakajya kongera kubaka urusengero rwabo. Uyu wari umugabane wa mbere w'itegeko rikomeye ryo gusana no kongera kubaka Yerusalemu wari utanzwe (Ezira 6:14), kandi waje kuzuzwa rwose mu mwaka wa karindwi wo ku ngoma ya Aritazerusi, mu mwaka wa 457 M.K., umwaka w'ingenzi cyane nk'uko tuzabibona mu mugabane ukurikira.

Nyuma yo gutegeka mu gihe kingana n'imyaka irindwi, Kuro yasigiye ubwami bwe umuhungu we witwaga Kambize (Cambyzes) waje gutegeka imyaka irindwi n'amezi atanu, akageza mu mwaka wa 522 M.K. Abami icumi nibo bategetse guhera muri uwo mwaka ukageza mu mwaka wa 336 M.K. Umwaka wa 335 ni wo mwaka wa mbere w'ingoma ya Dariyo Codomannus, akaba ari we wabaye umwami wa nyuma wo mu muryango w'abami b'Abaperesi. Dukurikije uko Prideaux abivuga, uwo mugabo yari umuntu ufite igihagararo kirekire, yari umuntu w'igikundiye kandi ubona ko afite agaciro, ndetse akaba yari umuntu w'umugwaneza kandi ugira ubuntu. Yagize amahirwe make rero yo guhangana n'uwarigikoresheye cyo gusohozza ubuhanuzi, kandi akaba ari nta buhanga, bwaba ari ubwavukanwe cyangwa ubwizwe mu mashuri bwashoboraga kumushoboza gutsinda urugamba nk'urwo. Ntabwo yigeze asusurukira ku ntebe ye ya cyami kuko yahise abona umwanzi we wari uteye ubwoba ari we Alegizandere wari uyoboye ingabo z'Abagiriki, akaba yari yiteguye kumuvana ku ntebe ye y'ubwami.

Intandaro ndetse n'ibindi byihariye byaba byarateye Abagiriki n'Abaperesi guhangana turabirekera abanyamateka cyane cyane abitangiye kwiga ibibazo nk'ibyo. Birahagije kuvuga ko guhangana kwabo kwarangiranye n'intsinzi y'Abagiriki mu rugamba rwabereye ahitwa i Arbela mu mwaka wa 331 M.K., aho Abagiriki, nubwo ubagereranyije mu mibare Umugiriki umwe yasaga n'urwana n'Abaperesi makumyabiri, baje kubona intsinzi idasubirwaho muri urwo rugamba. Alegizandere yahindutse umwami udakuka w'ubwami bwahoze ari ubw'Abaperesi, ku rwego rutigeze rugerwaho n'undi mwami uwo ari we wese mu bategetse ubwo bwami.

Ubwami bw'Abagiriki.—Umuhanuzi yari yavuze ko “Ubundi bwami bwa gatatu bugereranywa n'umuringa... buzategeka isi yose.” Amagambo yahumetswe avuga ugusohora kw'iby'uku gusimburana k'ubutegetsi bwo ku isi, ni make kandi ni magufi. Muri iyi ndorerwamo y'ihindagurika rihoraho mu bya politiki, Ubugiriki nabwo bwaje mu nzozi, kugira ngo bumare igihe ari bo buhanzweho amaso nk'ubwami bwa gatatu mu byiswe ubwami bwategetse isi yose.

Nyuma y'urugamba rwashyize iherezo ku bwami bwe bw'Abamedi, Dariyo yagerageje guhuriza hamwe ingabo ze zari zashegeshwe kugira ngo bashinge ibirindiro maze arwane ku bwami bwe n'uburenganzira bwe. Nyamara ntiyashoboraga guhuriza hamwe ingabo ze zose zari zikomeye kandi zikaba nyinshi ndetse zatojwe kurwana ngo abategurane ubushishozi kugira ngo yongere yirushye ashoza urundi rugamba rwo kurwanya Abagiriki bari baherutse kumunesha. Alegizandere yamukurikiranye mu buryo bwihuse nk'ugendera ku mababa y'umuyaga. Umwanya ku wundi Dariyo yabaga asakijwe n'abanzi bamukuriraga bihuta cyane. Kera kabaye, abantu batatu b'abagambanyi ari bo Besusi, Nabarizanesi ndetse na Barisantesi bafashe uwo mwami w'umunyabyago, bamufungiranira mu igare ry'intambara maze baramuhungana nk'imbohe yabo berekeza ahitwa i Bectria. Umugambi wabo wari uw'uko bari gutanga umwami wabo kugira ngo barengere amagara yabo igihe cyose Alegizandere yari kuba abakurikiranye. Alegizandere amaze kumenya uko Dariyo amerewe mu maboko y'abo bagambanyi, uwo mwanya yahise afata ingabo nkeya yihatira kubakurikira. Nyuma y'iminsi myinshi y'urugendo rwari rubakomereye, yageze kuri abo bagambanyi. Basabye Dariyo ngo yurire ifarashi kugira ngo arushaho kwihuta ahunge. Igihe yari abyanze, bamukomerekeje ibikomere byinshi bamusiga mu igare yenda gupfa maze biyuririra amafarashi yabo yihutaga cyane barahunga.

Igihe Alegizandere yari ahageze, yitegereje gusa intumbi y'umwami w'Abaperesi wari uganje ku ntebe y'ubwami bw'isi yose mu mezi make yari ashize. Amakuba, gukurwa ku ngoma, no gutereranwa n'abantu be byari bigeze kuri Dariyo mu buryo bwihuse. Ubwami bwe bwari bwatsinzwe, ubutunzi bwe bwigaruriwe n'abandi, kandi n'abo mu muryango we bari bagizwe ingaruzwamuheto. Noneho ubwo yari amaze kwicwa urubozo n'amaboko y'abagambanyi, yari intumbi yuzuyeho amaraso irambaraye mu

igare ryahindanye. Kureba iyo shusho iteye agahinda cyane, byatumye amarira azenga mu maso ya Alegizandere ubwe, nubwo yari amenyereye guhura n'ibibi byinshi ndetse no kumena amaraso mu ntambara. Nuko ajugunya umwitero we kuri iyo ntumbi, ateguka ko batwara uwo murambo bakawushyira abagore b'Abaperesi bari bafashwe bunyago mu murwa w'i Susa, ndetse atanga ubutunzi buvuye mu bubiko bwe bwite kugira ngo babukoreshe ibikenewe bamutabarize (bamushyingure).

Igihe Dariyo yapfaga, Alegizandere yabonye ko umwanzi we wa nyuma uteye ubwoba avuye mu nzira. Guhera ubwo noneho, yashoboraga gufata umwanya wo kwishimisha uko ashaka akaruhuka no kugenda yigarurira ahandi hantu horoheje yari ataratsinda neza. Yatangije urundi rugamba mu Buhinde rushingiye ku kwirata ubutwari, kubera ko akurikije umugani w'Abagiriki, Bakusi (Bacchus) na Herikile (Hercules) abana b'abahungu ba Yupiteri (Jupiter), uwo [Alegizandere] nawe yavugaga ko ari se, ngo nabo bari barakoze ibisa bityo. Mu bwirasi bwe bwuzuye agasuzuguro kenshi, yashakaga ko abantu bamwubaha nk'imana. Yaretse imijyi yari yararangije gutsinda ku bushake bwe kandi nta n'umuteyeho amahane, maze ayegurira bamwe mu basirikari be bari baratwawe n'ubusambanyi no kumena amaraso. Inshuro nyinshi iyo yabaga yasinze yicaga inshuti ze n'abantu b'inkoramutima ze. Yagiye ashishikariza abagendanaga na we kunywa bikabije ku buryo hari igihe kimwe makumyabiri muri bo bapfuye bitewe n'ubusinzi bwabo. Kera kabaye, igihe yari amaze umwanya muremure yatwawe n'inkera yo kunywa inzoga, yahise atumirwa mu bindi birori byo kunywa, maze ubwo yari amaze gusoma ku mazimano makumyabiri yari yazaniwe n'abamutumiye, amateka avuga ko yagotomeye mu kanya nk'ako guhumbya inshuro ebyiri z'igikombe cyose kijyamo litilo zirindwi. Yahise afatwa n'umuriro utunguranye ku buryo nyuma y'iminsi cumi n'umwe gusa, ku italiki ya 13 Kamena muri 323, yapfuye; nyamara apfa akiri muto afite imyaka 32 gusa.

UMURONGO WA 40 Ariko ubwami bwa kane buzakomera nk'icyuma, kuko ibyuma ari byo bimenagura ibintu byose bikabijanagura, kandi nk'uko ibyuma bimenagura ibintu byose, ni ko ubwo bwami buzamenagura bukanjanagura butyo.

Ubwami bw'Icyuma bwa Roma.—Kugeza ubu, mu guhuza ubu buhanuzi n'ibyabayeho, abasobanuzi babwo barahuza muri rusange. Bose bemera ko Babuloni yari ihagarariwe n'umutwe w'izahabu, Abamedi n'Abaperesi bagahagararirwa n'igituza n'amaboko by'ifeza, naho Ubugiriki bugahagararirwa n'inda n'ibibero by'umuringa. Nyamara hariho kudahuza kw'ibitekerezo byinshi bitandukanye, mu buryo budasanzwe hakaboneka itandukaniro ry'imyumvire ku birebana n'ubwami bushushanywa n'umugabane wa kane wa cya gishushanyo, ari wo ugizwe n'amaguru y'ibyuma. Mbese ni ubuhe bwami bwashimbuye Abagiriki maze bugateguka isi yose, kubera ko nyine amaguru y'ibyuma ashushanya ubwami bwa kane mu ruhererekane rw'ubwami? Igihamya gitangwa n'amateka kiruzuye

kandi kirasobanutse kuri iyi ngingo. Ubwami bumwe ni bwo bwakoze ibi, kandi ni ubwami bumwe rukumbi ari bwo bwami bwa Roma. Bwatsinze Abagiriki; bwigaruriye ibintu byose; mbese nk'icyuma, bwamenaguye ibintu burabishenjagura.

Uwitwa Bishop Newton yaravuze ati: "Ubwoko bune bw'ibyuma bitandukanye bugomba gushushanya amahanga ane atandukanye: kandi kubera ko izahabu yashushanyaga Abanyababuloni, ifeza igashushanya Abaperesi, ndetse umuringa ugashushanya Abanyamakedoniya (Abagiriki), ni ko icyuma kidashobora na none gushushanya Abanyamakedoniya, ahubwo kigomba kwerekana rwose irindi shyamba: kandi dutinyuka kuvuga yuko nta rindi shyamba ryo ku isi rishobora kuzuza ibivugwa aha ngaha ritari Abaroma."⁹

Uwitwa Gibbon wakurikiranye imvugoshusho ikoreshwa na Daniyeli, yerekana ibiranga ubwo bwami atya:

"Intwari za Repubulika, rimwe na rimwe zashiriraga ku rugamba, buri gihe cyose babaga bafite intsinzi mu ntambara, bagakabuza mu ntambwe zihuse bajya imbere basatira uruzi Ufurate, Danube, Rhine, ndetse n'inyanja; kandi amashusho y'izahabu, ifeza, cyangwa umuringa yashoboraga gukoreshwa mu kwerekana amahanga n'abami bayategekaga, yagiye amenagurwa umusubizo n'ubwami bw'icyuma bwa Roma"¹⁰

Mu ntangiriro z'igihe cy'Ubukristo, ubu bwami bwa Roma bwigaruriye amajyepfo yose y'Uburayi, Ubufaransa, Ubwongereza, umugabane munini w'Ubuholandi, Ubusuwisi n'amajyepfo y'Ubudage, Hungariya, Turukiya, n'Ubugiriki, tutiriwe tuvuga aho bari barigaruriye muri Aziya no muri Afurika. Ni yo mpamvu Gibbon avugaga kuri ubwo bwami atya ati:

"Ubwami bw'Abaroma bwakwiriye isi yose, kandi igihe ubwo bwami bwajyaga mu maboko y'umuntu umwe, isi yahindutse gereza iteye agahinda y'abanzi be. ... Kwanga kumvira icyo ategutse byazaniraga urupfu ubigerageje, kandi kumuhunga cyari ikidashoboka."¹¹

Bizagaragara ko ku ikubitiro gukomera k'ubwo bwami kutagereranywa no gukomera kw'icyuma. Icyo ni cyo cyari igihe cyo gukemera kwabwo, aho muri icyo gihe bwari bwagereranyijwe n'umuntu w'umunyamaboko uyoboye amahanga, agatsinda ikintu cyose, kandi agaha amategeko abari mu isi. Nyamara ibyo ntibyari gukomeza gutyo.

UMURONGO WA 41 Kandi nk'uko wabonye ibirenge n'amano ari igice cy'ibumba ry'umubumbyi n'igice cy'ibyuma, ni ko ubwo bwami

⁹ Thomas Newton, *Dissertation on The Prophecies*, Vol. I, p. 240.

¹⁰ Edward Gibbon, *The Decline and the Fall of the Roman Empire*, Vol. III, general observations following chap. 38, p. 634. Hari ibindi bitabo byinshi byanditswe na Gibbon bifite izina rimwe n'iri bitari iki ngiki twakoresheje dutegura iki gitabo. Ku munyeshuri ufite igitabo kinyuranye n'iki twakoresheje, hano harimo amakuru ahagije yagufasha kubona aho twakuye aya magambo twakoresheje.

¹¹ Ibid., Vol. I, chap. 3, pp. 100.

buzigabanyamo, ariko muri bwo hazaba gukomera nk'ibyuma nk'uko wabonye ibyuma bivanzwemo ibumba.

Roma Yigabanyamo Ibice.—Ikintu kigaragaza integenke kigereranywa n'ibumba rigaragara ku birenge no ku mano. Mbere yuko Roma yigabanyamo ubwami icumi, yabanje gutakaza imbaraga zigereranywa n'icyuma, izo yari ifite mu binyejana byabanje ubwo yatangiraga gutegeka. Kwinezeza guherekejwe no kwibera mu buzima bworoshye no kwangirika kw'imico mbonera, kurimbura amahanga ndetse n'abantu ku giti cyabo, byatangiye kwangiza no guca intege isoko y'imbaraga z'ubwami yari isanzwe imeze nk'icyuma, bityo bibutegurira inzira yo kwigabanyamo ubwami icumi.

Amaguru y'icyuma yo ku gishushanyo, arangirira mu birenge n'amano. Ibitekerezo byacu byerekezwa ku mano, avugwa ku buryo busobanutse mu buhanuzi; birumvikana kandi ko ari icumi. Ubwami bushushanywa na cya gice cy'igishushanyo gifasheho amano, ku iherezo bwaje kwigabanyamo ibice icumi. Ikibazo gihita kiza mu bitekerezo ni iki: Mbese amano icumi y'igishushanyo yaba ahagarariye imigabane icumi iheruka y'ubwami bwa Roma? Igisubizo dutanga ni "Yego."

Igishushanyo kiboneka mu gice cya kabiri cy'igitabo cya Daniyeli gisobanura mu buryo buhuye neza rwose n'iby'inyamaswa ziboneka mu iyerekwa ryo muri Daniyeli 7. Inyamaswa ya kane ishushanywa n'ubwami bugereranywa n'amaguru y'icyuma aboneka ku gishushanyo. Amahembe cumi yo ku nyamaswa ahuye rwose n'amano cumi yo ku gishushanyo. Ayo mahembe asobanurwa neza ko ari abami cumi bazaduka mu isi. Ubwo bwami cumi ni ubwami bwigenga nk'uko inyamaswa ubwazo zigengaga, kubera ko inyamaswa zivugwa mu buryo busobanutse kimwe n'ubwo ngo—ni "bo bami bane bazaduka mu isi" Daniyeli 7:17. Ntabwo birengurira ku rukurikirane rw'abami basimburana ku ngoma, ahubwo ni abami cyangwa ubwami bwabayeho mu gihe kimwe, kubera ko batatu muri bo bakuweho n'agahembe gato. Amahembe icumi ashushanya ubwami cumi bwakomotse mu bwami bwa Roma bumaze kwigabanya.

Twabonye ko mu busobanuro bwatanze na Daniyeli igihe yasobanuraga igishushanyo, yakoresheje amagambo "umwami" n' "ubwami" akagenda ayasimburanya ku buryo irya mbere risobanura kimwe n'irya kabiri. Mu murongo wa 44 aravugaga ati: "ku ngoma z'abo bami, Imana yo mu ijuru izimika ubundi bwami." Ibi byerekana ko ubwami bw'Imana buzimikwa igihe hazaba hariho ubwami bwinshi. Ntabwo uwo murongo waba uri kuvuga ku bwami bune bubanza; kuko byaba bitumvikana gukoresha iyo mvugo bashaka kwerekana urutonde rw'abami bakurikiranye kubera ko byakagombye kubaho mu gihe cy'umwami uheruka gusa, ntabwo ubwami bw'Imana bwagombaga kwimikwa mu gihe cy'abami babanjirije ubwami bwa kane.

Ubwami Icumi.—Aha ni ho kwigabanya kuvugwa; none se ni iki dufitse ku gishushanyo kibyerekana? Nta kindi uretse amano y'igishushanyo.

Biramutse bitabaye ibyo, twasigara mu gihirahiro ntidusobanukirwe neza ubwoko bwo kwigabanya k'ubwo bwami n'urwego bwigabanyijemo nk'uko ubuhanuzi bugaragaza ko byabaye. Kubw'ibyo rero, dukwiriye gufata umwanzuro yuko amano icumi y'igishushanyo avuga ibice cumi ubwami bwa Roma bwigabanyijemo.

Uko kwigabanya kwabayeho hagati y'umwaka wa 351 Nyuma ya .Kristo (N.K). n'umwaka wa 476 N.K. Bityo rero, uko kwigabanyamo kwatwaye igihe kingana n'imyaka 125, guhera ahagana hagati mu kinyejana cya kane kugeza mu myaka yenda gusoza ikinyejana cya gatanu. Nta banyamateka tuzi baba bashyira itangira ry'uku kwigabanya k'ubwami bwa Roma mu gihe kiri mbere y'umwaka wa 351 N.K., kandi muri rusange abantu bemeranywa ko ubwo bwami bwarangiye mu mwaka wa 476 Nyuma ya Kristo. Ku byerekeranye n'amatariki aboneka hagati y'ibyo bihe byombi, ni ukuvuga italiki buri bwami muri ubwo bwami cumi bwabonetse buturutse mu guseniyuka kwa Roma bwaba bwaravutse, hagenda haboneka itandukaniro mu byo abanyamateka babivugaho. Nyamara nta nubwo ibyo bikwiye kugaragara nk'ikintu kidasanzwe, igihe cyose tuzirikanye yuko habayeho igihe cy'urujijo rukomeye, ku buryo ikarita y'aho ubwami bwa Roma bwayoboraga yagiye igira impinduka nyinshi kandi zitunguranye, kandi ko inzira z'amahanga yarwanaga zabonekaga ku butaka bw'ubwo bwami zagendaga zinyuranamo mu buryo buteye urujijo rukomeye. Nyamara abanyamateka bose bemeranywa kuri iki, ko igice gihereye mu burengerazuba bw'ubwami bwa Roma havutse ubwami icumi butandukanye, kandi rwose dushobora kuvuga ko bwavutse hagati y'imyaka twavuze haruguru, ari yo 351 N.K. na 476 N.K.

Amahanga icumi yagaragaye cyane mu gushyira iherezo ku bumwe bw'ubwami bwa Roma, kandi mu gihe runaka bakaba baragize umugabane w'ubutaka bw'ubwami bwa Roma basigarana bakayobora aho hantu nk'ubwami . bwigenga butandukanye n'ubundi. Ayo mahanga twayatondekanya gutya, (tutitaye ku bihe buri shyanga ryagiye rivukira): Abahansi, Abositrogoti, Abavizigoti, Abafranki, Abavandali, Abasuwevi, Ababurugandiya, Abaheruli, Aba Anglosakiso, n'Abalombari^{*12} Ugerageje guhuza aya mahanga n'ibihugu byo mu Burayi bw'iki gihe, wabona aya mazina akurikira: Ubwongereza, Burugandi[Akarere kari mu Bufaransa yitwa Bourgogne] Lombaridi[akarere ko mu Butaliyani], n'ibindi...

Nyamara iki kibazo gishobora kwibazwa: "Kuki amaguru abiri yo atakwerekana kwigabanya kimwe n'uko amano agaragaza kwigabanya?" Mbese ntibyaba ari uguhindagurika mu magambo uramutse uvuze ko amano yerekana kwigabanya nyamara amaguru yo ntiyerekane kwigabanya? kimwe n'uko wavuga ko amaguru yerekana kwigabanya maze amano yo ntiyerekane kwigabanya? Dusubiza tuvuga ko ubuhanuzi ubwabwo ari bwo

¹² Mu bihujwe n'ibyo abasobanuzi b'ingenzi barindwi b'aya mahanga bavuga, umwanditsi w'iki gitabo ashyiramo Abahansi nka rimwe mu mahanga cumi. Nyamara abandi banditsi nabo bashingira ku mateka, bavuga aba Alamani cyangwa Abadage mu mwanya wo kuvuga Abahansi. -Abanogeje inyandiko.

bugomba kuyobora umwanzuro twafata ku byerekeranye n'iki kibazo; kubera ko, nubwo ntacyo buvuga ku byo kwigabanya iyo bugeze ku maguru, bwerekana intangiriro y'uko kwigabanya iyo tugeze ku birenge no ku mano. Ibyanditswe biravuga ngo "Kandi nk'uko wabonye ibirenge n'amano ari igice cy'ibumba ry'umubumbyi n'igice cy'ibyuma, ni ko ubwo bwami buzigabanyamo." Nta kwigabanya kwajyaga kubaho, cyangwa tuvuge nibura ko nta kwegeze kuvugwa ko kuzabaho, kugeza igihe ikintu kigaragaza integer nke ari cyo bumba kiziye; kandi icyo kintu nta handi tukibona keretse iyo tugeze ku birenge n'amano. Nyamara ntabwo dukwiriye kumva yuko ibumba ryerekana igice kimwe, maze icyuma na cyo kikerekana ikindi gice; kubera ko nyuma y'igihe kirekire ubumwe bwabo busenyutse; nta na kamwe muri utwo duce kigeze gakomera nka cya cyuma cya mbere cy'umwimerere, ahubwo utwo duce twose twari utunyantegenke ari byo byerekanwa n'imvange y'ibumba n'ibyuma.

Umwanzuro ni ikintu utabona aho uhungira ku buryo kubw'ibyo, umuhanuzi yahise yerekana icyatumye ibyo bibaho. Intangiriro yo kuba abanyantegenke ari byo byerekanwa n'ibumba tubona iyo tugeze ku birenge, yakomotse ku kuba ubwami bwarigabanyijemo imigabane icumi, nk'uko byerekanwa n'amano icumi; kandi iyi ngaruka, cyangwa se uku kwigabanya kurenze cyane uko kumenyekanira mu magambo atunguranye avuga ibyo kubaho kubutegetsu bw'abami benshi bategekera mu gihe kimwe. Bityo rero, mu gihe tutabasha kubona igihamba cy'uko amaguru yerekana kwigabanya, ahubwo tukabona igihamba kibihakana, tubasha kubona rwose impamvu nziza yo kuvuga ko amano yerekana kwigabanya, nk'uko bigaragara hano.

Ikindi kandi, buri bwami muri ubwo bwami bune bwari bufite ahantu hihariye hakaba hari umwihariko w'ubwami, bityo akaba ari ho dukwiriye guhanga amaso kugira ngo tubone ibintu nyamukuru byabaye mu mateka yabwo byerekanwa n'icyo kimenyetso. Bityo rero, ntabwo dukwiriye gushakira ukwigabanya kubwami bwa Roma mu bice by'isi byahozе biyoborwa na Babuloni, cyangwa Abaperesi, cyangwa Abagiriki; ahubwo dukwiriye kugushakira aho ubwami bwa Roma bwahozе butegereye, ahaje kumenyekanira nyuma nk'Ubwami bw'uburengerazuba. Roma yigaruriye Isi, ariko ubwami bwa Roma nyirizina bwari bufite icyicaro mu burengerazuba bw'Ubugiriki. Ubwo ni bwo bwashushanywaga n'amaguru y'ibyuma. Aho ni ho dushakira ubwami icumi kandi ni ho tububona. Ntabwo dutegereye kwangiza cyangwa guhindura imiterere y'ikimenyetso kugira ngo tuyisanishe neza n'ishusho y'ibyabaye mu mateka.

UMURONGO WA 43 Kandi nk'uko wabonye ibyuma bivanzwemo ibumba, ni ko bazivanga n'urubyaro rw'abantu, ariko ntibazafatana nk'uko ibyuma bitavanga n'ibumba.

Roma, Ubwami bwa Nyuma Bwategetse Isi.—Roma ni bwo bwami bwa nyuma bwaherutse gutegeka Isi yose. Kugeza icyo gihe, byarashobokaga ko ishyanga rikomera rikarusha imbaraga amahanga arizengurutse,

rikayarusha ubutwari n'ubuhanga mu bya gisirikari, maze rikayegeranya rikayahindura ubwami bumwe buri ahantu hagutse. Ariko igihe Roma yagwaga, ayo mahirwe yahise arangira by'iteka. icyuma cyari kivanzwe n'ibumba, kandi cyajimije imbaraga zo guhuriza hamwe. Nta muntu cyangwa ishyirahame ry'abantu rishobora kongera guhuriza hamwe ibyo bice byavuye mu bwami bwa Roma. Iyi ngingo yongera kuvugwa neza n'undi muntu wavuze amagambo akurikira:

“Guhera icyo gihe bwigabanyaga, imbaraga za mbere z'ubwami zarayoyotse—nyamara si nk'uko iz'ubundi bwami zagiye ziyoyoka. Nta bundi bwami bwagombaga kubusimbura nk'uko byari byagenze ku bwami butatu bwari bwarabubanjirije. Bwagombaga gukomeza, mu ishusho y'iyi migabane icumi yigabanyije, kugeza igihe ubwami bugereranywa n'ibuye buzazira bukabujanjagura, bukikubita ku birenge byabwo; bukabumenagura, bukabusandaza nk'uko umuyaga utumura umurama w'aho baturira mu cyi!” Nyamara muri iki gihe cyose, umugabane umwe w'imbaraga zabwo wagombaga kugumaho. Bityo rero, umuhanuzi aravugaga ati: “Kandi nk'uko amano yari igice cy'ibyuma n'igice cy'ibumba, ni ko ubwo bwami buzamera: igice cyabwo kimwe kizaba gikomeye, ikindi kidakomeye.” Umurongo wa 42.

... Ibihe byinshi abantu bagiye bagira inzozo zo kongera guhuriza hamwe ubwo bwami ngo bureme ubwami bumwe bukomeye. Charlemagne yarabigerageje. Charles wa V yarabigerageje. Louis wa XIV (umwami w'Ubufaransa Ludoviko wa 14) yarabigerageje. Napolewo yarabigerageje. Nyamara nta n'umwe muri bo wabashije kubigeraho. Umurongo umwe w'ubuhanuzi warushaga imbaraga ingabo zabo zose. ... Ububashije bwa gihanuzi buvugaga ko *igice kimwe cy'ubwo bwami kizaba gikomeye*, naho ikindi *gice kikazaba cyoroshye* kandi amateka yerekana ko ibyo ari ko byagenze. ... Ubwami icumi bwabanyijemo ibice nk'uko byari bimeze, bwakomeje kubaho—ibyo ni ukuvugaga ko bwari bwigabanyijemo mu buryo runaka. ... uruhande rumwe rwabwo rurakomeye. Ni ukuvugaga ko bwari bugifite imbaraga z'icyuma zihagije kubushoboza guhangana n'uwagerageza wese guhuriza hamwe ibice byabwo, bona nubwo bwigabanyijemo. Ijambo ry'Imana rivugaga ko *'ibi bitazigera bibaho'*. Igitabo cy'amateka na cyo kigasubiza ko *'ibi bitigeze bibaho'*.

“Nyamara nabwo abantu bashobora kuvugaga bati: ‘Haracyari undi mugambi usigaye.’ Niba imbaraga za gisirikari zitabishobora, uburyo bwa politiki n'ibitekerozo bya za Leta bushobora kubigeraho—bityo tuzabigerageza.’ Na none, ibyo ubuhanuzi bugira icyo bubivugaho muri aya magambo ngo ‘bazivanga n'urubyaro rw'abantu’—ibi bishatse kuvugaga ko bazashyingirana, biringiye ko ari byo bizakomeza ububasha bwabo, maze ku iherezo bagahuriza hamwe ubwami bwari bwarigabanyije bukomera kuba ubwami bumwe.

Mbese ubu buryo bwo buzagera ku ntego?—Oya rwose. Umuhanuzi asubiza atya ati: ‘Ariko ntibazafatana nk'uko ibumba ritivanga n'ibyuma’.

Kandi amateka y'Uburayi agizwe n'urukurikirane rwo gusohora kw'aya magambo. Uhereye mu gihe cy'umwami wa mbere w'Ubwongereza wabigerageje bikamunanira kugeza muri iki gihe cyacu, abami bose bategetse bagiye bagira icyo cyifuzo, inzira yaharuwe bagiye banyuramo, kugira ngo bagera ku nkoni *imwe* y'ubwami irushijeho gukomera n'ahantu hanini ho gutegakera. ...Napolewo...yashatse kugera ku byo yananiwe kugeraho akoresheje imbaraga binyuze mu kwihuriza hamwe; ibyo ni ukuvuga, kubaka ubwami *bumwe* bufite imbaraga kandi bukomeye. Ariko se yaba yarageze ku ntego ye?—Oya rwose. Ubwami yari yarifatanyije nabwo ni bwo bwamuhitanye mu gitero cy'ingabo ahitwa i Blucher, ku rugamba rwabereye i Waterloo! Icyuma nticyashoboraga kwivanga n'ibumba.”¹³

Nyamara ntabwo Napolewo ari we wabaye uwa nyuma mu kugerageza guhuriza hamwe ubwo bwami. Intambara zitagira ingano zo mu Burayi zakurikije urugero rw'uriya musirikari woroheje. Kugira ngo bakumire amakimbirane yajyaga kuzabaho mu gihe cyagombaga gukurikiraho, abategetsi bakoraga ibikorwa by'ubugiraneza bitabaje uburyo bwo gushyingirana mu buryo bwo gushaka amahoro, kugeza ubwo mu ntangiriro z'ikinyejana cya 20 byahamijwe ko buri mutegetsi wese wimaga ingoma mu Burayi akomotse mu muryango wa cyami, yabaga afatanye isano ishingiyeye ku maraso n'umuryango wa cyami w'igihugu cy'Ubwongereza. Intambara ya mbere y'Isi yose yerekanye ko uko kugerageza gukora ibyo byose byari imfabusa.

Muri ako kaga gateye ubwoba kakomokaga ku guhangana gukomeye haje gukomoka icyifuzo gikomeye cyavuzwe na Perezida Woodrow Wilson wasobanuye atya ati: “Isi yagizwe ahantu hashobora kuboneka ukwishyira ukizana kw'abayituye!” Mu kwemera ko intambara yari yararwanwe yagombaga kuba yarashyize iherezo ku ntambara zose, hatangajwe amategeko arengera uburenganzira bwa rubanda nyamuke, bashyiraho n'amahame yemerera umuntu kwifatira icyemezo, ibyo bihamywa no gushyiraho umuryango w'Ubufatanye bw'Ibihugu (League of Nations) wagombaga gukoma mu nkokora abanyagitugu kandi ugahana abantu bashotora abandi.

Nyamara mu gicucu cy'ingoro y'uwo muryango w'Ubufatanye bw'Ibihugu havutse abayobozi bashoboraga kurimbura amahoro y'isi, bagatuma icyifuzo cy'ubumwe bw'abatuye isi kiba ubusa, mu gihe mu kanwa kabo bavugaga iby'impinduramatwara nziza mu mibereho ya rubanda. Baruhijwe n'ubusa basezerana ko hazabaho gutsinda k'umuco n'ubumwe bivuye ahari mu kwikuza k'ubwoko, bityo ibyo bikerekana ko umugabane umwe w'ibihugu by'Uburayi “wari ukomeye” naho undi “mugabane ukaba udakomeye” mu gihe kingana n’imyaka igihumbi y’agahenge.”

¹³ William Newton, *Lectures on the First Two Visions of the Book of Daniel*, pp. 34-36.

Mu rujijo rw'igihe kirekire, kumenagurika kw'imbaraga z'amahanga, guseniyuka kw'ibigo bimwe na bimwe, guhomba ubutunzi bitewe no gukoresha amafaranga make make by'igihe kirekire, binyuze mu kurebesha amaso yuzuye intimba itewe no gutakaza ubuzima bw'abasore bari bagifite imbaraga zo gukora, gufatwa ku ngufu kw'abagore n'abakobwa, kwicwa kw'abana n'abakuze, binyuze mu gicu cy'umwotsi wo kumena amaraso y'abantu, isi yari mu rujijo yari itegerezanije umutima uhagaze gucogora kw'intambara. Mbese baringa y'ikinyoma yo kubonera abatuye isi amahoro binyuze mu bufatanye bw'ibihugu by'i Burayi, igisubizo cy'ibitekerezo byuzuye kwifuza, aho izongera gutuma abantu bibagirwa inama zo mu ijamba ry'Imana zivuga ngo "ntabwo bazafatana?"

Amasezerano hagati y'ibihugu ashobora kubaho, kandi bishobora gusa n'aho icyuma n'ibumba ry'umubumbyi byo ku birenge n'amano y'igishushanyo kinini byavanze, nyamara Imana iravuga iti: "Ntabwo bazafatana". Bishobora gusa n'aho ubunyamaswa bwo hambere bwashize kandi abami cumi bakaba baragiye mu nzira isi yose ishaka, nyamara Ibyanditswe byera ntibishobora gukuka" Yohana 10:35

Twanzura dukoresheje amagambo yavuzwe na William Newton agira ati: "Nyamara biramutse bitewe n'amasezerano y'ubufatanye cyangwa izindi mpamvu, niba uwo mubare usa n'aho urogowe rimwe na rimwe, ntibikwiriye kudutungura. Mu by'ukuri, ibyo ni byo ubuhanuzi busa n'ubudukangurira kwitaho. Icyuma cyari 'kivanzwe n'ibumba'. Mu gihe runaka, ushobora kunanirwa kubitandukanya ku gishushanyo. Nyamara si ko bizakomeza kumera. "Ntibizafatana. Imiterere yabyo byombi ntibyemerera gufatana, kandi no mu rundi ruhande, ijamba ry'ubuhanuzi ntiribyemera. Nyamara hagombaga kubaho kugerageza kubivanga—Oya, bongeye kugerageza kubivanga. Ariko byagombaga kuba imfabusa. Nyamara se amateka ntashimangira ibivugwa n'ijamba ry'Imana ko bitazafatana!"¹⁴

UMURONGO WA 44 Nuko ku ngoma z'abo bami, Imana yo mu ijuru izimika ubundi bwami butazarimbuka iteka ryose, kandi ubutware bwabwo ntibuzazungurwa n'irindi shyanga, ahubwo buzamenagura ubwo bwami bwose bukabutsembaho kandi buzahoraho iteka ryose. Uko wabonye ibuye ryavuye ku musozi ritarimbuwe n'intoki, rikamenagura ibyuma n'imiringa n'ibumba n'ifeza n'izahabu, ni uko Imana ikomeye yahishuriye umwami ibizaba mu bihe bizaza. Kandi izo nzozi ni iz'ukuri, no gusobanurwa kwazo ntiguhinyurwa."

Imana yo mu Ijuru Izimika Ubwami.—Noneho tugeze ku ndunduro y'ubu buhanuzi butangaje. Ubwo igihe Imana yagennye ubwayo kizaba kitugejeje ku ndunduro y'ibivugwa aha, tuzaba tugeze ku iherezo ry'amateka ya muntu. Ubwami bw'Imana! Aho ni ho Imana yateguriye ubwoko bwayo ikiruhuko gishya kandi cyuzuye ubwiza, ni ho bazabonera umunezero

¹⁴ Ibid., p. 36.

udashira ku iherezo ry'iyi si yuzuye umubabaro, kugajuka, n'impinduka. Hazabaho guhinduka gutangaje ku bakiranutsi bose, bave mu bwihebe binjire mu bwiza, bave mu ntambara bajye mu mahoro, bave mu isi yuzuye ibyaha binjire mu isi yuzuye kwera, bave mu rupfu bajye mu bugingo, bave mu gutotezwa no gutwazwa igitugu bajye mu mudendezo n'amahirwe yuzuye imigisha byo mu bwami bw'ijuru! Guhinduka kuzuye icyubahiro, kuva mu ntegenke ukajya mu mbaraga, kuva mu bintu bihora bihindagurika kandi bigajuka ukajya mu bitagajuka kandi by'iteka ryose!

Ariko se ubu bwami buzimikwa ryari? Mbese dushobora kwiringira kubona igisubizo cy'iki kibazo kireba cyane inyokomuntu muri iki gihe? Ijambo ry'Imana ntiridusiga mu bujiji ku bibazo nk'ibi, kandi muri ryo ni ho tubonera agaciro k'iki gisubizo cy'ijuru.

Bibiliya yerekana yeruye ko ubwami bw'Imana bwavugwaga nk'ubwo mu gihe kizaza igihe Umwami wacu yafataga ifunguro rya nyuma rya Pasika. (Matayo 26:29). Ntabwo Kristo yimitse ubwami bwe mbere yuko azamuka ajya mu ijuru. (Ibyakozwe n'Intumwa 1:6). Bibiliya irongera ikavuga ko abafite umubiri n'amaraso bisa batabasha kuragwa ubwami bw'Imana. (1Abakorinto 15:50). Ni ingingo irebeana n'isezerano Imana yahaye intumwa, n'abakunda Imana bose. (Yakobo 2:5). Ni isezerano rizasohora mu gihe kizaza ryahawe umukumbi muto. (Luka 12:32) Abera bazinjira mu bwami buzaza banyuze mu mubabaro mwinshi. (Ibyakozwe n'intumwa 14: 22). Ubu bwami bw'Imana buzimikwa igihe Kristo azacira imanza abazima n'abapfuye. (2Timoteyo 4:1). Ibi bizabaho igihe azaba aje mu cyubahiro cye azanye n'abamarayika be bera bose. (Matayo 25:31-34).

Ntituvuga yuko igihe gihamye twagihishuriwe (dushimangira yuko atari ko bimeze) muri ubu buhanuzi bwa Daniyeli igice cya 2 cyangwa mu bundi buhanuzi ubwo ari bwo bwose; ariko ibyerekana icyo gihe ko cyegereje byaratanze kugira ngo abazabona kwimikwa k'ubwo bwami bashobore kubona mu buryo butarimo kwibeshya ko bwegereje, maze babashe kugira wa mwiguro uzashoboza abana b'Imana kwinjira mu ikuzo ry'ubwo bwami.

Igihe kijyanye no gusohozwa k'ubuhanuzi bujyanye na cya gishushanyo kinini mu bice byacyo byose cyaruzuye rwose. Cyerekana neza ibihe bikomeye mu bya politiki cyagombaga kugaragaza. Ibijyana na kiriya gishushanyo byose byarasohoye hashize ibinyejana bisaga cumi na bine. Kirindiriye gusa ko ibuye ritarimbuwe n'intoke z'umuntu riza rikacyikubita ku birenge, kandi iryo buye ni ubwami bwa Kristo. Ibi bizasohora igihe Umwami azahishurwa hagati mu muriro waka, "agahora inzigo abatamenye Imana n'abatamvira ubutumwa bwiza bw'Umwami wacu Yesu Kristo." (2Abatesalonike 1:8). (Reba na none muri Zaburi 2:8,9). Ku ngoma z'abo bami, Imana yo mu ijuru izimika ubwami. Tumaze ibinyejana byinshi turi ku ngoma z'abo bami, kandi turacyari ni ku ngoma zabo. Ku byerekeranye n'ubu buhanuzi, ikintu gikurikiraho ku rutonde rw'ibigomba kubaho, ni ukwimikwa k'ubwami buhoraho bw'Imana. Ubundi buhanuzi n'ibimenyetso

bitagira ingano byerekana nta kwibeshya ko kuza kwa Kristo kutwegereye cyane.

Itorero rya mbere rya Gikristo ryasobanuraga ubuhanuzi bwo muri Daniyeli 2, 7 n'igice cya 8 nk'uko tubisobanura muri iki gihe. Uwitwa Hippolytus wabayeho mu mwaka wa 160 – 236, Nyuma ya Kristo, kandi abantu bakaba batekereza ko yari umwigishwa wa Irenaeus wari umwe mu bahanga bane bakomeye kurusha abandi mu by'iyobokamana muri icyo gihe, igihe yasobanuraga ibyanditswe muri Daniyeli 2 na Daniyeli 7 yaravuze ati:

“Umutwe w'izahabu wo ku gishushanyo n'intare byerekana Abanyababuloni; ibitugu n'amaboko by'ifeza, n'idubu bihagarariye Abamedi n'Abaperesi; inda n'ibibero by'umuringa, n'ingwe, byasobanuraga Abagiriki bari bafite ubutegetsu mu gihe cya Alegizandere; amaguru y'ibyuma n'inyamaswa iteye ubwoba kandi ishishana, byerekana Abaroma bategeka ubu [igihe uyu mwanditsi yarimo]; amano n'ibirenge byari igice cy'ibumba n'igice cy'ibyuma, n'amahembe icumi, bishushanyaga ubwami buzaza; akandi gahembe gato kakuriye hagati y'ayandi gasobanura Antikristo uri hagati muri bo; naho ibuye rikubita isi, rikazanira abari mu isi gucirwa urubanza yari Kristo.”¹⁵

“Daniyeli wahiriwe, vugana nanjye. Mpa ibyiringiro ndakwinginze. Mpanurira ibyerekeye intare muri Babuloni; kubera ko wabayeyo uri umunyagano. Wahishuye iby'ahazaza ku byerekeye idubu; kubera ko wari ukiri mu isi, kandi wabonye ibintu bisohora. Nuko umbwira iby'ingwe; kandi se ibi wabimenya ubikuye he ko warangije kwigira aho uruhukiye? Ni nde wakwigishije gutangaza ibi bintu, atari wa wundi wakuremeye mu nda ya nyoko? Uravuga uti 'ni Imana'. Mu by'ukuri waravuze, kandi ntiwabeshye. Ingwe yarahagurutse; isekurume y'ihene iraza; yasekuye imfizi y'intama, ivunagura amahembe yayo; yayisiribangishije ibinono byayo. Yishyize hejuru kuko iyo yindi yari iguye; amahembe ane yameze aho rya rindi ryari riri. Ishime Daniyeli uhiriwe! Ntabwo wibeshye: ibi bintu byose byarasohoye.

“Nyuma y'ibi ngibi wongeye kumbwira iby'inyamaswa iteye ubwoba kandi ishishana. 'Yari ifite imikaka y'ibyuma n'amajanja yayo yari umuringa; yaconshomeye ibintu ibindi irabimenagura, ibisigaye ibisiribangisha amajanja yayo'. Icyuma cyarimye; cyarangije kwigarurira ibintu, naho ibindi kirabimenagura; gihatira abadafite ubushake bwo kucyumvira kukiyoboka ku mbaraga; ubu rwose ibi turabibona n'amaso yacu. Ubu ubwo tumaze kwigishwa nawe, turahimbaza Imana.”¹⁶

Umugabane w'ubuhanuzi wari waramaze gusohora muri kiriya gihe, wari usobanukiye neza Abakristo ba mbere. Banabonye neza ko hari ubundi bwami icumi bwagombaga kuvuka mu bwami bwa Roma, kandi ko Antikristo yari kuboneka hagati muri bo. Bategerezanyaga amatsiko

15 Hippolytus, “Treatise on Christ and Antichrist,” *Ante-Nicene Fathers*, Vol. V, p. 210, par. 28.

16 *Ibid.*, pars 32, 33.

ibyiringiro byo gusohozwa gukomeye, igihe kugaruka kwa Kristo kwari gushyira iherezo ku bwami bwose bwo ku isi, maze ubwami bwo gukiranuka bukimikwa.

Ubwami buzaza! Iyi ni yo ngingo yari ikwiriye gutwara ibitekerezo by'abantu bo muri iki gihe. Musomyi, mbese witeguye kuza k'ubu bwami? Umuntu winjira muri ubu bwami, ntabwo ahatura ibi byo kuhamara igihe abantu bapfa bamara ku isi muri iki gihe. Ntazigera abona ubu bwami bugajuka, cyangwa ngo buhangurwe n'ubundi bwami buburusha imbaraga. Oya, abwinjiramo kugira ngo abone amahirwe n'imigisha, kandi ngo ahabwe ubwiza buri muri ubwo bwami by'iteka ryose, kuko ubwo bwami "butazazungurwa n'irindi shyanga."

Na none ndongera nkubaze, mbese uriteguye? Ibyo umuntu asabwa kugira ngo azabe umuragwa ni ubushake bwe kubihitamo: "Niba muri aba Kristo, muri urubyaro rwa Aburahamu, muri n'abaragwa nk'uko byasezeranijwe." (Abagalatiya 3:29). Mbese wujuje ibyo usabwa ngo ube uri incuti ya Kristo, ari we Mwami ugiye kuza? Mbese ukunda imico ye? Mbese ugerageza kugenda wicishije bugufi ugera ikirenge mu cye, kandi ukumvira ibyo yigishije? Niba atari ko bimeze, soma amaherezo yawe ukurikije ibyabaye ku bavugwa mu mugani, uwavuzweho aya magambo ngo: "Kandi ba banzi banjye batakunze ko mbategeka, mubazane hano mubicire imbere yanjye." (Luka 19:27). Niba uhisemo gukomeza kuba umwanzi w'ubwami bwa Kristo, menya ko nta bundi bwami buzaba buhanganye n'ubwa bwe ngo uzabashe kubuhungiramo, kubera ko ubwami bw'Imana buzigarurira ahantu hose hategekwa n'abami bose babayeho n'abariho none, aho ubwami bwose bwari buri mu isi. Ubwami bw'Imana buzakwira ku isi hose. Hahirwa ba bandi umwami ufite ubutware, Nyirukunesha abami bose azabwira ku iherezo ati: "Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe uherye ku kuremwa kw'isi." Matayo 25:34.

UMURONGO WA 46 Nuko Umwami Nebukadinezari aherako yikubita hasi yubanye aramya Daniyeli, ateguka ko bamutambira ibitambo bakamwosereza imibavu. Nuko umwami abwira Daniyeli ati "Ni ukuri Imana yanyu ni yo Mana nyamana, ni umwami w'abami kandi ni yo ihishura ibihishwe, kuko ishoboye guhishura ibyo byahishwe." Nuko umwami aherako akuza Daniyeli, amugororera ingororano nyinshi zikomeye. Amuha gutwara igihugu cyose cy'i Babuloni, no kuba umutware mukuru w'abanyabwenge bose b'i Babuloni. 49 Maze Daniyeli asabira Saduraka na Meshaki na Abedenego ubutware bw'igihugu cy'i Babuloni, umwami arabubaha ariko Daniyeli we aguma ibwami.

Tugomba gusubira mu rugo rw'umwami Nebukadinezari, tugasubira kuri Daniyeli aho yari ahagaze imbere y'umwami. Yari amaze kumenyesha umwami inzozo n'ubusobanuro bwazo, mu gihe abatware b'umwami n'abapfumu n'abahanga mu by'inyenyeri bari bategereje bacecetse bumiwe kandi batangaye.

Nebukadinezari Ashyira Hejuru Daniyeli.—Kugira ngo umwami asohoze ibyo yari yasezeranye, yagize Daniyeli umuntu ukomeye. Hariho ibintu bibiri muri ubu buzima bishobora guhindura umuntu umuntu ukomeye, kandi ibyo byombi umwami yabihaye Daniyeli. Umuntu afatwa nk'ukomeye iyo afite ubutunzi; kandi dusoma yuko umwami yahaye Daniyeli impano nyinshi ndetse zikomeye. Iyo hejuru y'ubutunzi umuntu yongereyeho ubutegetsi, mu mitekerereze ya benshi, uwo muntu aba akomeye; kandi nyine Daniyeli yahawe ubutware ku rwego rukomeye. Yahawe gutwara intara yose ya Babuloni, ahindurwa umuyobozi mukuru utegeka abatware b'umwami n'abanyabwenge bose b'i Babuloni. Muri ubwo buryo Daniyeli yatangiye kugororerwa mu buryo bwihuse kandi busaze bitewe n'ubudahemuka bwe ku bijyanye n'icyo umutimanama we wamubwiraga gukora n'ibyo Imana yamusabaga gukora.

Daniyeli ntiyaguye mu kayubi cyangwa ngo ahumanywe n'intsinzi ikomeye yari agezeho ndetse no gushyirwa hejuru gutangaje kwari kumubayeho. Yabanje kwibuka bagenzi be batatu bari bafatanyije guhagarika umutima ku bijyanye n'ikibazo umwami yari afite. Kubera ko bari bamufashije binyuze mu masengesho yabo, yiyemeje mu mutima we ko bakwiriye gusangira icyubahiro yari yahawe. Abibasabiye, bashyizwe mu mwanya wo guhagarikira imirimo y'i Babuloni, mu gihe Daniyeli we yari yigumiye ku marembo y'urugo rw'umwami. Ku marembo y'umwami hari ahantu abajyanama babaga hakaba n'ahantu ibintu bikomeye byabaga biriho byakemurirwaga. Ibyanditswe kera bivuga mu magambo yoroheje ko Daniyeli yahindutse umujyanama mukuru w'umwami.

IGICE CYA 3

UBUDAHEMUKA BUGERAGERESHWA UMURIRO

DANIYELI 3

UMURONGO WA 1 Umwami Nebukadinezari yacurishije ishusho mu izahabu, rifite uburebure bwa metero mirongo itatu, n'ubugari bwa metero eshatu. Nuko ayihagarika mu kibaya cya Dura ho mu ntara ya Babuloni. [BII]

Dushobora kwemera ko iki gishushanyo cyari gifitanye isano n'inzosi z'umwami zivugwa mu gice cya kabiri. Muri izo nzosi, umutwe wari izahabu, werekanaga ubwami bwa Nebukadinezari. Izahabu yakurikirwaga n'andi mabuye y'agaciro afite agaciro kari munsu y'ak'izahabu, bikagaragaza uruhererekane rw'ubwami [bwinshi]. Nta gushidikanya Nebukadinezari yari yanyuzwe n'uko ubwami bwe bwari guhagararirwa n'izahabu; nyamara kuba bwari kuzasimburwa n'ubundi bwami, ntabwo byo byamushimishije. Kubw'iyi mpamvu, aho kugira ngo igishushanyo yakoze agihe gusa umutwe w'izahabu, yakoze igishushanyo uko cyakabaye akigira izahabu, kugira ngo yerekane ko ubwami bwe budakwiriye kuzasimburwa n'ubundi bwami, ahubwo ko buzagumaho.

UMURONGO WA 2 Nuko Umwami Nebukadinezari atuma abantu bo guteranya abatware b'intebe n'ibisonga byabo, n'abanyamategeko n'abacamanza, n'abanyabigega n'abajyanama, n'abirutsi n'abatware bose bo mu bihugu byaho ngo baze kweza icyo gishushanyo Umwami Nebukadinezari yari yahagaritse. 3 Nuko abatware b'intebe n'ibisonga byabo, n'abanyamategeko n'abacamanza, n'abanyabigega n'abajyanama, n'abirutsi n'abatware bose bo mu bihugu byaho baraza, bateranywa no kweza icyo gishushanyo Umwami Nebukadinezari yari yahagaritse. Bahageze bahagarara imbere yacyo. 4 Umuntu uhamya itegeko ry'umwami ararangurura ati "Yemwe bantu b'amoko yose y'indimi zitari zimwe, nimwumve uko tubatega, 5 ngo nimwumva amajwi y'amahembe

n'imyironge n'inanga, n'isambuka n'amabubura n'amakondera n'ibintu by'ubwoko bwose bivuga, muhereko mwubarare hasi muramye igishushanyo cy'izahabu Umwami Nebukadinezari yakoze. 6 Ariko umuntu wese wanga kubarara hasi ngo aramye, ako kanya arajugunywa mu itanura ry'umuriro ugurumana." 7 Nuko abantu bose bumvise amajwi y'amahembe n'imyironge n'inanga, n'isambuka n'amabubura n'ibintu by'ubwoko bwose bivuga, abamoko yose y'indimi zitari zimwe bubarara hasi, baramya icyo gishushanyo cy'izahabu Umwami Nebukadinezari yari yahagaritse.

Kweza Igishushanyo.—Kweza iki gishushanyo byari byahinduwe umwanya ukomeye kubera ko abatware bo mu bwami bari batumiwe ngo bahurire hamwe. Baruhijwe batyo kandi bibatwara byinshi kugira ngo baze gushyigikira gahunda y'imisengere yo kuramya ibigirwamana no gusenga kwa gipagani. Birababaje kubona abafite iyobokamana y'ukuri baraganjijwe ku rwego nka ruriya n'aberereza idini y'ikinyoma kandi y'icyiganano! Uko kuramya kwari guherekejwe n'umuziki; kandi uwo ari we wese utari kuboneka muri icyo gikorwa yakangishijwe ko ari bujugunywe mu itanura ry'umuriro ugurumana. Uburyo nk'ubu ni bwo buhora bukoreshwa kugira ngo bahatire abantu kunyura mu cyerekezo runaka—ku ruhande rumwe hakoreshwa ibinezeza, cyangwa se hagakoreshwa kubabaza abantu.

UMURONGO WA 8 Uwo mwanya Abakaludaya baza kurega Abayuda. 9 Babwira Umwami Nebukadinezari bati "Nyagasani nyaguhoraho, 10 washyizeho itegeko ngo umuntu wese uri bwumve amajwi y'amahembe n'imyironge n'inanga, n'isambuka n'amabubura n'amakondera n'ibintu by'ubwoko bwose bivuga, yubarare hasi ngo aramye igishushanyo cy'izahabu, 11 ngo n'umuntu wese wanga kubarara hasi ngo akiramye, ajugunywe mu itanura ry'umuriro ugurumana. 12 Nuko rero, hariho Abayuda wahaye gutwara igihugu cy'i Babuloni, ari bo Saduraka na Meshaki na Abedenego batakwitayeho nyagasani, ntibakorera imana zawe kandi banze kuramya cya gishushanyo cy'izahabu wahagaritse."

Abaheburayo Batatu mu Kigeragezo.—Abakaludaya bareze aba Bayuda, bashobora kuba ari agatsiko k'abacurabwenge bitwazaga iryo zina, kandi bari bagishaka kwikura mu isoni kubera ko bari baherutse kunanirwa gusobanura inzozu z'umwami ziboneka muri Daniyeli 2. Bari bashishikajwe no kubona urwitwazo urwo ari rwo rwose kugira ngo barege Abayuda imbere y'umwami, ngo babakoze isoni cyangwa se babicishe. Buririye ku rwikekwe rw'umwami bakoresheje ubugome buvuye ku kudashima kwabo. Baravuze bati: "Wabahaye gutwara igihugu cy'i Babuloni, none bagusuzuguye." Niba icyo gihe Daniyeli yari ari aho hantu ntibizwi. Bishoboka ko yari yagiye mu yindi mirimo y'ubwami. Ariko se ni ukubera iki Saduraka, Meshaki na Abedenego bari bagiye aho hantu kandi bari bazi ko batari buramye icyo gishushanyo? Mbese aho ntibyatewe n'uko bashakaga kumvira umwami mu byo asaba bakoze ibishoboka byose ntibavuguruze amahame y'idini yabo? Umwami yabasabye ko bahaba. Icyo kintu [cyo kuhaba] yari abasabye bashoboraga kugikora kandi nyine

baragikoze. Yabasabye kuramya igishushanyo. Ibi byo iyobokamana ryabo ryarabibabuzaga, bityo banze kukirama.

UMURONGO WA 13 Nuko Nebukadinezari ararakara cyane, ateguka ko bamuzanira Saduraka na Meshaki na Abedenego. Nuko babashyira umwami. 14 Nebukadinezari arabakabukana aravuga ati "Mbese Saduraka na Meshaki na Abedenego, ni mwe mwabyitumye kudakorera imana zanyje no kutaramya igishushanyo cy'izahabu nakoze? 15 Nuko noneho nimwumva amajwi y'amahembe n'imyironge n'inanga, n'isambuka n'amabubura n'amakondera n'ibintu by'ubwoko bwose bivuga, mukemera kubarara hasi mukaramya igishushanyo nakoze ni byiza. Ariko nimutakirama, ako kanya murajugunywa mu itanura ry'umuriro ugurumana. Mbese imana iri bubakize amaboko zanyje ni iyihe?" 16 Saduraka na Meshaki na Abedenego basubiza umwami bati "Nebukadinezari, nta mpamvu ituma tugusubiza iryo jambo. 17 Niba ari ibyo, Imana yacu dukorera ibasha kudukiza mu itanura ry'umuriro ugurumana, kandi izadukiza ukuboko kwawe nyagasani. 18 Ariko naho itadukiza, nyagasani umenye ko tutari bukorere imana zawe, habe no kuramya icyo gishushanyo cy'izahabu wakoze."

Ukwihangana n'urukundo by'umwami byagaragariye mu guha Saduraka, Meshaki na Abedenego andi mahirwe yo kugerageza nyuma yo kunanirwa gukora ibyo yari yabasabye bwa mbere. Nta gushidikanya ikibazo cyarumvikanaga rwose. Ntibashoboraga kuvuga ko batabisobanukiwe. Bari bazi icyo umwami yashakaga, kandi kudashyira mu bikorwa itegeko ry'umwami kwari ukwanga kumwumvira babigambiriye kandi babihisemo. Ku bami benshi, ibi byari bihagije ngo bashimangire iherezo ryabo. Nyamara Nebukadinezari we yaravuze ati: "Oya. Ndirengagiza iki gicumuro cyabo, nibaramuka ku ncuro ya kabiri bumviye itegeko. Ariko bo bamenyesheje umwami ko atari ngombwa kwirushya abasubiza mu kigeragezo.

Igisubizo cyabo cyari ukuri kandi gitanzwe mu buryo budasubirwaho. Baravuze bati: "Nta mpamvu ituma tugusubiza iby'iryo jambo." Bishatse kuvuga ngo "si ngombwa ko uduha andi mahirwe yo kongera kugerageza; twafashe icyemezo. Uko dusubiza nonaha, ni ko dushobora gusubiza nu mu gihe kiri imbere; kandi igisubizo cyacu ni iki: 'Ntituri bukorere imana zawe, haba no kuramya igishushanyo cy'izahabu wakoze. Imana yacu ishobora kudukiza ibishatse; ariko naho itadukiza, ntabwo turi bwitotombe. Tuzi ubushake bwayo, kandi tuzayumvira nta kindi twitayeho."

UMURONGO WA 19 Nebukadinezari azabiranywa n'uburakari mu maso he hahinduka ukundi, areba Saduraka na Meshaki na Abedenego igitsure, ateguka ko benyegeza itanura ngo rirushe uko ryari rikwiye kwaka karindwi. 20 Maze atoranya abanyambaraga bo mu ngabo ze, abateguka kuboha Saduraka na Meshaki na Abedenego ngo babajugunye mu itanura ry'umuriro ugurumana. 21 Nuko baboha abo bagabo uko bakambaye amafurebo n'imyambaro n'imyitero n'ibindi bambaye, babajugunya mu

itanura ry'umuriro ugurumana. 22 Maze kuko itegeko ry'umwami ryari iry'ikubagahu, kandi umuriro ugurumana cyane, bituma ibirimi by'umuriro bisumira abo bagabo bari bateruye Saduraka na Meshaki na Abedenego, birabica. 23 Nuko abo bagabo batatu Saduraka na Meshaki na Abedenego, bagwa mu itanura ry'umuriro ugurumana hagati uko bakaboshywe. 24 Uwo mwanya Umwami Nebukadinezari aratangara, ahaguruka n'ingoga abaza abajyanama be ati "Harya ntitwajugunye mu muriro abantu batatu baboshywe?" Baramusubiza bati "Ni koko, nyagasani." 25 Arababwira ati "Dore ndareba abantu bane babohowe bagenda mu muriro hagati, kandi nta cyo babaye. Ariko ishusho y'uwa kane irasa n'iy'Umwana w'Imana."

Ntabwo Nebukadinezari yari umuntu uzira amakosa n'ubupfapfa umwami wese ukomeye ashobora kugwamo mu buryo bworoshye. Kubera kwangizwa n'uko afite ububasha butagira ubukoma imbere, ntiyashoboraga kwihanganira gusuzugurwa cyangwa kumuvuguruza. Uko ububasha bwe butumviwe n'iyi haba ari ku mpamvu nziza yose, umwami yagaragaje intege nke abantu twese twacumuye dusangiye igihe tugeze mu bihe nk'ibyo, maze azabiranywa n'uburakari. Nebukadinezari yari umutegetsi w'isi, nyamara yari atarashobora gukora inshingano ikomeye yo gutegeka umutima we. Yemwe, no mu maso he harahindutse. Aho kugira ngo agaragare atuje, kandi agaragaze agaciro ke ndetse anagaragaze kumenya kwitegeka nk'uko yari akwiriye kugaragara, yihaye rubanda mu ndoro ndetse akora nk'imbata y'uburakari atabasha gutegeka.

Bajugunywa mu Itanura Rigurumana.—Itanura ryarenyegejwe ngo rirusheho kwaka inshuro ndwi kurenza uko ryari risanzwe; mu yandi magambo ryatse cyane uko bishoboka kose. Uku kwari ukwivuguruza k'umwami kubera ko n'ubusanzwe itanura ricanywe ku rugero rwaryo n'ubundi ryashoboraga gukongora uwo yarijugunyagamo; icyo byari gukora kidasanzwe ni uko uwari kujugunywamo yari gukongoka vuba. Uburakari bukaze bw'umwami nta nyungu bwajyaga kumuzanira. Nyamara abonye bakijijwe uwo muriro, hari inyungu nyinshi zabaye ku ruhande rw'umurimo w'Imana n'ukuri kwayo; kubera ko uko umuriro wari ukabije kwaka, ni ko igitangaza cyarushijeho gukomera ndetse gikora ku mitima ya benshi igihe abo bahungu bari barokowe uwo muriro.

Buri kintu cyose cyabaga cyahishuraga ugukomera kw'Imana. Abaheburayo babohanywe imyenda yabo yose, nyamara basohotsemo nto n'umwotsi w'umuriro ubanukaho. Abasirikari babanyambaraga kurusha abandi baratoranyijwe ngo babajugunyemo, nyamara umuriro wabatwitse mbere yuko bawegera. Nyamara Abaheburayo ntacyo wabatwaye nubwo bari bari hagati mu birimi byawo. Biragaragara ko umuriro wari muni y'ubutware bw'ufite ubwenge ndengakamere, kubera ko igihe watwikaga imigozi yari ibaboshye kugira ngo babone uko bagenda bisanzuye, habe ngo uranababura imyambaro yabo. Bakibohorwa ntibahise basimbuka ngo basohoke mu muriro, ahubwo bagumyemo; kubera ko umwami yari yabashyize mu itanura, ubwo rero ni we wagombaga no kubahamagara

bakavamo. Kandi na none, ishusho y'uwa kane wari kumwe na bo, kandi bashoboraga kwishima bakanezerwa kubwo kuba bari kumwe nawe, bakanezerwa bari mu itanura ry'umuriro nk'uko byagenda bari mu byishimo n'ibinezeza byo mu rugo rw'ibwami. Nimureke mu bitugerazeza byose, mu mibabaro yose, mu kurenganywa kose, no mu mpatanwa zose, "tube turi kumwe n'ishusho y'uwa kane," kandi ibyo birahagije.

Umwami Ahabwa Iyerekwa Rishya.—Umwami yaravuze ati: "Ishusho y'uwa kane irasa n'iy'Umwana w'Imana." Bamwe bavuga ko iyi mvugo yarenguriraga kuri Kristo. Abandi basobanura ijambo ku ijambo, mu ngeri imwe ya Bibiliya yitwa "Ingeri Ivuguruye" kimwe n'izindi ngeri zikomeye, bisobanurwa ngo, "ni nk'umwana w'imana", bishatse kuvuga ko yari afite ishusho y'ikiremwa mvajuru. Nubwo nta gushidikanya ubu bwari uburyo Nebukadinezari yari amenyereye kuvuga ashaka kuvuga ibigirwamana yasengaga (reba ubusobanuro bwatanze muri Daniyeli 4:18), ntibibujije ko ayo magambo yarenguriraga kuri Kristo, kimwe n'uko ijambo '*elahin*', rikoreshe ahangaha mu rurimi rw'Abakaludaya, nubwo riri mu bwinshi, buri gihe risobanurwa "Imana" mu Isezerano rya Kera.

Mbega gucyahwa gukomeye umwami yahawe kubw'ubugoryi n'ubusazi bye binyuze mu gutabarwa kw'aba bantu bagaciro barokotse itanura rigurumana! Ububasha busumba ubwo ku isi ubwo ari bwo bwose bwarahagurukiye kurengera abashikamye bakarwanya gusenga ibigirwamana, ndetse bagashyira igisuzuguriro ku kuramya n'ibyo umwami yasabaga abantu. Nta n'imwe mu mana z'abapagani yigeze itabara muri ubu buryo, yemwe nta n'ubwo zari zibishoboye.

UMURONGO WA 26 Nebukadinezari yigira ku muryango w'itanura ry'umuriro ugurumana aravuga ati "Yemwe ba Saduraka na Meshaki na Abedenego, mwa bagaragu b'Imana Isumbabyose mwe, nimusohoke muze hano." Nuko Saduraka na Meshaki na Abedenego baherako bava mu muriro. 27 Maze abatware b'intebe n'ibisonga byabo, n'abanyamategeko n'abajyanama b'umwami baraterana bareba abo bagabo, basanga umuriro utashoboye kugira icyo ubatwara, kandi umusatsi wo ku mitwe yabo utababutse, n'imyambaro yabo nta cyo yabaye habe ngo wakumva umuriro ubanukahwe. 28 Nebukadinezari aravuga ati "Imana ya Saduraka na Meshaki na Abedenego ishimwe, ni yo yohereje marayika wayo ikiza abagaragu bayo bayiringiye, kuko bigurukije ijambo ry'umwami bagahara amagara yabo, kugira ngo batagira indi mana yose bakorera cyangwa basenga itari Imana yabo. 29 "Ni cyo cyatumye nca iteka, kugira ngo umuntu wese wo mu moko yose y'indimi zitari zimwe uzavugaga nabi Imana ya Saduraka na Meshaki na Abedenego, azatemagurwe kandi urugo rwe ruzahindurwe nk'icyavu, kuko ari nta yindi mana ibasha gukiza bene aka kageni." 30 Ibyo bishize, umwami yogeza Saduraka na Meshaki na Abedenego mu gihugu cy'i Babuloni.

Igihe abo bantu batatu bari basabwe gusohoka mu itanura, barabikoze. Nuko ibikomangoma, abatware n'abajyanama b'umwami, ba bandi bari batanze inama, cyangwa se nibura abo bari babyemeranijeho ngo

babajugunye mu itanura (kubera ko umwami yababwiye ati: "Ntitwajugunye abantu batatu baboshye hagati mu muriro?" umurongo wa 24), barateranye kugira ngo barebe abo bantu, kandi babone igihamba gifatika cy'uburyo ubuzima bwabo basore bwarinzwe mu buryo bw'igitangaza. Ibyo kuramya igishushanyo kinini byari byibagiranye. Ibitekerezo by'iri teraniro rinini ry'abantu byari bishishikariye kureba aba bagabo batatu bari babaye ibitangarirwa. Mbega ukuntu kumenya uku kurokorwa byari gusakazwa hose muri ubwo bwami igihe abo bantu bari kuba basubiye mu ntara zitandukanye bari baturutsemo! Mbega ibintu bitangaje aho Imana yatumye uburakari bw'umuntu bumutera kuyihimbaza!

Umwami Yemera Imana y'Ukuri.—Nuko umwami ahimbaza Imana ya Saduraka, Mishaki na Abedenego, ndetse atanga itegeko yuko nta muntu ukwiriye kuyivuga nabi. Nta gushidikanya ko Abakaludaya bashyize mu bikorwa iby'iri tegeko. Muri icyo gihe, buri shyamba ryabaga rifite imana yaryo cyangwa se imana nyinshi zaryo, kubera ko icyo gihe hariho "imana nyinshi n'abami benshi." Gutsindwa kw'ishyamba runaka ritsinzwe n'irindi, ngo byabaga bitewe n'uko imana z'ishyamba ryabaga ryatsinzwe zabaga zananirwe kurikiza abaritsinze. Abayuda bari barigaruriwe rwose n'Abanyababuloni, kandi nta gushidikanya ko aba Banyababuloni bari baragiye bavugana kwishongora n'agasuzuguro Imana y'Abayuda. Noneho ibi umwami yarabibuzaniye; kubera ko yasobanukiye neza ko kuba yaratsinze Abaheburayo byatewe n'ibyaha byabo, ko bitatewe n'uko Imana yabo itagiraga imbaraga. Mbega ukuntu ibi byatumye Imana y'Abaheburayo ishyirwa hejuru mu mucyo mwinshi kandi ubonwa na bese uyigereraniye n'imana z'amahanga atari amwe! Imana yashatse kumenyesha abantu ko ishobora gutuma bagera ku rwego ruhanitse rw'urugero rukwiriye rw'imico mbonera, kandi ko itirengagiza ibikorwa byabo bifatanye isano n'urwo rwego rw'imico mbonera. Nebukadinezari yakoze ikintu gikwiriye cyo gushyira hejuru Imana yo mu ijuru mu ruhame akayirutisha ibigirwamana byose. Ariko ntiyari agifite uburenganzira, bwaba ubuvuye mu bubasha bwe nk'umutegetsu cyangwa ubwo mu mico mbonera, bwo kugerageza guhatira abo ayobora kwatura no kubaha Imana nk'uko yabigenje, cyangwa se ngo agire abantu akangisha kwicwa bitewe n'uko bataramije Imana y'ukuri, kimwe n'uko atari afite uburenganzira bwo gukangisha kwica abantu bese banze kuramya igishushanyo cy'izahabu. Imana ntiyigera ihatira umutimanama w'umuntu kuyumvira.

Abaheburayo Batatu Bazamurwa mu Ntera.—Umwami yazamuye mu ntera abasore batatu b'abanyagano, ni ukuvuga ko yabashubije mu myanya bari barimo mbere yuko baregwa kutamwumvira n'ubugambanyi. Mu iherezo ry'umurongo wa 30, ingeri ya Bibiliya y'Ikigiriki yakuwe mu Giheburayo yongeraho aya magambo ngo: "Yabazamuye mu ntera abagira abatware bakuru b'Abayuda bese babarizwaga mu bwami bwe." Ntabwo bishoboka ko yaba yarongeye guhatira abantu kuramya igishushanyo cye.

ISUMBABYOSE IRI KU NGOMA

DANIYELI 4

UMURONGO WA 1 (3:31) Jyewe Umwami Nebukadinezari ndabandikiye, bantu mwese bo mu moko yose y'indimi zitari zimwe bari mu isi yose. Amahoro agwire muri mwe! 32 Nishimiye kwerura ibimenyetso n'ibitangaza Imana Isumbabyose yankoreye. 33 Erega ibimenyetso byayo ni byinshi, ibitangaza byayo birakomeye! Ubwami bwayo ni bwo bwami butazashira, kandi ingoma yayo ihoraho uko ibihe bihaye ibindi.

Uwitwa Adam Clarke aravuga ati: "Iki gice ni itegeko rihoraho ry'umwami, kandi ni imwe mu nyandiko za kera cyane; ndetse nta gushidikanya ko cyandukuwe gikuwe mu nyandiko z'ubutegetsu bwa Babuloni. Daniyeli yabitse iyi nyandiko mu rurimi rw'umwimerere yanditswemo."¹⁷

Umwami Asingiza Imanay'Ukuri.—Iri teka ry'umwami Nebukadinezari ryasakajye mu buryo bwari busanzwe. Ntiyashakaga kubimenyesha abantu bake gusa, ahubwo yashakaga kubimenyesha amoko yose n'amahanga yose, akababwira ibitangaje Imana yamugiriye. Buri gihe abantu bahora biteguye kuvuga ibyo Imana yabakoreye, ku birebana n'inyungu babonye ndetse n'imigisha yabahaye. Twari dukwiriye na none guhora twiteguye no kuvuga ibyo Imana yadukoreye ku byerekeranye no gucishwa bugufi ndetse n'ibihano yaduhaye. Nebukadinezari aduha urugero rwiza ku bijyanye n'iyi ngingo nk'uko tuzabibona mu migabane ikurikira y'iki gice. Nebukadinezari yatuje umunwa we ataryarya avuga iby'ubwirasi n'ubwibone bwo mu mutima we, kandi avugana umudendeze uburyo Imana yakoresheje kugira ngo imucishe bugufi. N'umutima nyakuri wo kwihana no kwicisha bugufi, yatekereje ko ari byiza kwerekana ibyo bintu kugira ngo Umwami Imana abashe guhimbazwa ndetse n'izina ryayo risingizwe. Nebukadinezari ntiyari akivuga ubwami bwe butahanguka, ahubwo yeguriye Imana byose, yemera ko ubwami bwayo bwonyine ari bwo buzahoraho iteka, kandi ko ubutware bwayo ari bwo buzahoraho uko ibihe bihaye ibindi.

¹⁷ Adam Clarke, *Commentary on the Old Testament*, Vol.IV, p. 582, note on Daniel 4:1.

UMURONGO WA 4 Jyewe Nebukadinezari, nari ngwiriwe neza mu nzu yanjye ya kambere nezerewe. 2 Ndoti inzozo ziteye ubwoba, ibyo nibwiriye ku gisasiro n'ibyo neretswe bimpagarika umutima, 3 bituma ntegeka ko banzanira abanyabwenge b'i Babuloni bose, kugira ngo bansobanurire ibyo neretswe. Abakonikoni n'abapfumu n'Abakaludaya n'abacunnyi baraza, mbarotorera izo nzozo ariko bananirwa kuzisobanura. 5 Ariko hanyuma Daniyeli wahimbwe Beluteshazari mwitiriye imana yanjye, wababwagamo n'umwuka w'imana zera, araza mutorera izo nzozo nti 6 "Yewe Beluteshazari mutware w'abakonikoni, nzi ko umwuka w'imana zera aba muri wowe, kandi ko nta bihishwe unanirwa guhishura, cyo mbwira ibyo neretswe mu nzozo narose kandi n'uko bisobanurwa. 7 "Ibyo neretswe ndi ku gisasiro ni byo ibi: nagiye kubona mbona igiti kiri mu isi hagati, uburebure bwacyo bwari bukabije. 8 icyo giti kirakura kirakomera, ubushorishori bwacyo bugera ku ijuru, cyitegera abo ku mpera y'isi yose. 9 Ibibabi byacyo byari byiza, cyari gihunze imbuto nyinshi kandi muri cyo harimo ibyokurya bihaza abantu bose. Inyamaswa zo mu ishyamba zahundagaraga mu gicucu cyacyo, ibisiga byo mu kirere byabaga mu mashami yacyo, kandi ibyari bifite umubiri byose byatungwaga na cyo. 10 "Ibyo neretswe ndi ku gisasiro ngibi: nabonye uwera wagizwe umurinzi amanuka ava mu ijuru, 11 ararangurura ati 'Tsinda icyo giti ugikokoreho amashami, ugihungureho ibibabi, unyanyagize imbuto zacyo, kugira ngo inyamaswa zikive munsu kandi n'ibisiga bive mu mashami yacyo. 12 Ariko igishyitsi n'imizi byacyo ubihambirize ibyuma n'imiringa, ubirekera mu gitaka mu bwatsi bwo ku gasozi, kugira ngo kijye gitondwaho n'ikime kiva mu ijuru, kandi kirishane n'inyamaswa ubwatsi bwo ku gasozi. 13 Maze umutima wacyo we kugumya kuba nk'uw'umuntu, ahubwo gihabwe umutima nk'uw'inyamaswa, kimere gityo ibihe birindwi. 14 Iki gihano cyategutse n'abarinzi gihanywa n'ijambo ry'abera, kugira ngo abakiriho bamenye ko Isumbabyose ari yo itegeka ubwami bw'abantu, kandi ko ibugabira uwo ishaka ikimikamo uworoheje nyuma ya bose. 15 "Izo nzozo ni jye Umwami Nebukadinezari wazirose. Nuko Beluteshazari, cyo zinsobanurire ubwo abanyabwenge bose bo mu gihugu cyanjye badashoboye kuzinsobanurira, ariko wowe urabibasha kuko umwuka w'imana zera ukurimo."

Uyu mugabane w'iyi nkuru utangira uvuga Nebukadinezari nk'umuneshi watsinze abanzi be. Yari yararangije neza imigambi ye yose ya gisirikari. Yari yaratsinze Asiriya, Fenisiya, Yuda, Egipta na Arabiya. Birashoboka ko izo ntsinzi zikomeye yari yaragize ari zo zari zaramuteye ubwibone no kumva yihagije. Muri icyo gihe, ubwo yumvaga atekanye cyane, igihe byasaga rwose n'aho nta kintu cyapfa kuza ngo gihungabanye umutekano we wo kumva yihagije—muri icyo gihe Imana yahisemo kumuhungabanya ikoresheje kumuteza ubwoba no kwikanga ibintu bibi bishobora kumubaho.

Umwami Ahagarikwa Umutima n'Izindi Nzozo.—Ariko se ni iki cyashoboraga guteza ubwoba mu mutima w'umwami nka Nebukadinezari? Yari yarabaye umurwanyirye ukomeye guhera mu busore bwe. Akenshi yari

yarahuye n'ibyago bikomeye ku rugamba rukaze, yari yarahuye n'ibiteye ubwoba byo gutakaza ingabo nyinshi no gupfa kw'abantu benshi, kandi hagati mu bintu nk'ibyo, ntiyari yarigeze ahungabana. Nonese ubwo ni iki cyajyaga kumutera ubwoba? Nta mwanzi washakaga kumutera, nta gicu cy'intambara yabonaga! Ibitekerezo bye bwite n'amayerekwa byakoreshejwe mu kumwigisha ibyo atajyaga kwigishwa n'ikindi kintu icyo ari cyo cyose. Byamwigishe isomo ryo kwishingikiriza ku wundi no kwicisha bugufi. Uwari warateye abandi ubwoba, nyamara akaba nta wundi washoboraga kumutera ubwoba, ubwe yiteye ubwoba.

Abakonikoni bahuye n'ukundi gukorwa n'isoni gukomeye kuruta ukuvugwa mu gice cya kabiri. Icyo gihe birataga ko baramutse bamenye inzosi gusa, bari kumenyekanisha ubusobanuro bwazo. Kuri iyi nshuro yo, Nebukadinezari yabashaga kwibuka neza inzosi yari yarose, maze arazibarotorera, ariko abakonikoni bongera kumutenguha mu buryo bukojeje isoni. Ntibashoboye kumubwira icyo zisobanura, maze na none umwami yongera guhindukirira umuhanuzi w'Imana.

Ubwami bwa Nebukadinezari bwashushyanywaga n'igiti cyameze hagati mu isi. Babuloni, umurwa Nebukadinezari yari aganjemo nk'umwami, wasaga n'aho uri rwagati mu isi yari izwi muri icyo gihe. Ubushorishori bw'icyo giti bwageraga mu ijuru, kandi ibibabi by'icyo giti byari byiza. Ubwiza bwacyo bugaragara inyuma n'ubunini bwacyo byari agatangaza. Imbuto zacyo zari nyinshi, kandi zatungaga ibifite umubiri byose. Inyamaswa zo mu ishyamba zugamaga mu gicucu cyacyo, n'ibisiga byo mu kirere byiberaga mu mashami yacyo. Mbese ni iki kindi cyashoboraga gushushanya ubu bwami kurushaho kirenze kuba Nebukadinezari yarategekaga ubwami mu buryo butuma abonera uburinzi bwuzuye, ubufasha n'umutekano abantu bose bari aho ayobora. Igihe itegeko ryari ritanzwe rivuga ko icyo giti cyari gikwiriye kutemwa, hanatanzwe itegeko rivuga ko igishyitsi cyacyo kigomba kuguma mu butaka. Cyagombaga kurindwa n'ibyuma n'imiringa bigihambiriye kugira ngo kitabwira, ahubwo kugira ngo isoko y'imbaraga yo gutuma kizakura kandi kigakomera mu minsi izaza ikigumemo.

Umunsi uraje ubwo abanyabyaha bazacibwa, kandi nta byiringiro bazasigarana. Nta mbabazi zizaba zivanze n'igihano bazahabwa. Bazarimburwa uherye ku mizi ukageza ku mashami.

Itegeko ryaravugaga ngo: "Kimere gityo ibihe birindwi." Biragaragara ko iyi mvugo ikwiriye kumvikana nk'uko amagambo yayo ari. Mbese ni mu buhe buryo tubasha kumenya uburebure bw'igihe cyerekanwa n'"ibihe birindwi?" Ibi bishobora kumenyekanwa tubanje kumenya igihe Nebukadinezari yamaranye n'inyamaswa zo mu ishyamba amaze kwirukanwa mu bantu igihe ubu buhanuzi bwari busohoye. Uwitwa Josephus atubwira ko icyo gihe kingana n'imyaka irindwi.¹⁸ Ubwo hano "igihe" kingana n'umwaka umwe.

18 See Flavius Josephus, "Antiquities of the Jews," book 10, chap. 10, sec. 6, *Works of Flavius Josephus*, p. 316.

Mbega uburyo abera cyangwa abamarayika bita cyane ku biba mu bantu! Bareba mu buryo abantu badashobora kurebamo, bakabona uburyo ubwibone ari ikintu kitagereranywa kiba mu mutima w'umuntu. Nk'abakozi b'Imana, basohozanya ibyishimo amategeko Imana itanga kugira ngo bakosore ikibi. Umuntu agomba kumenya yuko atari we kamara mu bimubaho, kubera ko hariho Utegeka mu bwami bw'abantu, akaba ari we yari akwiriye kwishingikirizaho afite kwicisha bugufi. Umuntu ashobora kuba umwami ugera ku byo yiyemeje kugeraho; ariko ibyo ntabwo bikwiriye kumutera kwibona; kubera yuko iyaba Uwiteka ataramwemeraye gutegeka, ntiyari kuzigera agera kuri uwo mwanya w'icyubahiro.

Nebukadinezari yemeye ko Imana nyakuri isumba ibigirwamana by'abapagani. Yitabaje Daniyeli ngo amusobanurire ibyari bihishwe. Nebukadinezari yaravuze ati: "Nta bihishwe unanirwa guhishura kuko umwuka w'imana zera uba muri wowe."

Nk'uko twabibonye muri Daniyeli 3:25, hano Nebukadinezari yongeye gukoresha uburyo yari amenyereye bwo gukoresha ijambo "imana" mu bwinshi, nubwo ya Bibiliya y'Ikigiriki yahinduwe ivanwe mu rurimi rw'Igiheburayo ivuga "Umwuka Wera w'Imana ari muri wowe."

UMURONGO WA 19/16 Nuko Daniyeli wahimbwe Beluteshazari amara akanya yumiwe, ahagarikwa umutima n'ibyo atekereje. Umwami arongerera aramubwira ati "Yewe Beluteshazari, izo nzozi no gusobanurwa kwazo bye kuguhagarika umutima." Beluteshazari aramusubiza ati "Nyagasani, izo nzozi zirakaba ku banzi bawe, kandi gusobanurwa kwazo kurakaba ku babisha bawe. 17 Nuko icyo giti wabonye gikura kigakomera, ubushorishori bwacyo bukagera ku ijuru, kikitegera abo ku mpera y'isi yose, 18 kandi ibibabi byacyo byari byiza kikaba cyari gihunze imbuto nyinshi, muri cyo hakaba harimo ibyokurya bihaza abantu bose, kandi inyamaswa zo mu ishyamba zikaba munsu yacyo, ibisiga byo mu kirere bikaba mu mashami yacyo, 19 icyo giti ni wowe, nyagasani. Warakuze urakomera. Gukomera kwawe kurakura kugera ku ijuru, n'ubutware bwawe bugera ku mpera y'isi. 20 Kandi nk'uko umwami yabonye uwera wagizwe umurinzi amanuka ava mu ijuru, akavuga ngo 'Tsinda icyo giti ukimareho, ariko igishyitsi n'imizi byacyo ubihambirize icyuma n'umuringa ubirekere mu gitaka mu bwatsi bwo ku gasozi, kugira ngo kijye gitondwaho n'ikime kiva mu ijuru, kandi kirishane n'inyamaswa zo mu ishyamba kugeza aho ibihe birindwi bizashirira.' 21 "Nuko nguku gusobanurwa kwabyo, nyagasani: umenye ko ari itegeko ry'Isumbabyose rigeze ku mwami databuja ngo: 22 Uzirukanwa mu bantu ubane n'inyamaswa zo mu ishyamba, uzarisha nk'inka, uzatondwaho n'ikime kiva mu ijuru uzamare ibihe birindwi umeze utyo, kugeza aho uzamenyera ko Isumbabyose ari yo itegeka ubwami bw'abantu, ikabugabira uwo ishaka wese. 23 Kandi nk'uko bategetse ko igishyitsi n'imizi by'icyo giti bigumaho, ni ko ubwami bwawe buzakomeza kuba ubwawe, umaze kumenya ko ijuru ari ryo ritegeka. 24 Ni cyo gituma ngusaba, nyagasani, ngo wemere inama nkugira: kuzaho ibyaha

byawe gukiranuka kandi ibicumuro byawe ubikuzeho kugirira abakene impuhwe, ahari aho uzungukirwa amahoro.”

Gushidikanya kwa Daniyeli wari wicaye yumiwe mu gihe kingana n'isaha, ntikwatewe n'uko hari ingorane n'imwe yari afite mu gusobanura inzosi, ahubwo cyari ikibazo kimukomereye kumenyasha umwami ubusobanuro bw'izo nzosi. Daniyeli yari yaragiriwe neza n'umwami—nta kindi tuzi kugeza icyo gihe usibye ineza yamugiriye—bityo byari bimukomereye kuba ari we ubwira umwami iby'iteka riteye ubwoba yari agiye gucirwaho nk'uko byagaragazwaga n'izo nzosi. Umuhanuzi yahagaritswe umutima no gushakisha uburyo yashoboraga kubimubwiramo. Bisa n'aho umwami nawe yari yiteze ikintu gisa gityo, kubera ko yamaze umuhanuzi impungenge binyuze mu kumusaba kudahagarika umutima kubw'izo nzosi cyangwa ubusobanuro bwazo. Bisa n'aho yakamubwiye ati: “Wishidikanya kubimbwira, icyo byaba bivuze cyose kuri jye.”

Daniyeli Asobanura Inzosi.—Amaze guhamirizwa atyo, Daniyeli yakoresheje imvugo ifite imbaraga kandi ikomeye ati: “Izo nzosi zirakaba ku banzi bawe, kandi no gusobanurwa kwazo kurakaba ku babisha bawe.” Icyago kigaragara mu nzosi, ni cyo Daniyeli yifuje ko cyaba ku babisha b'umwami aho kugira ngo kube ku mwami ubwe.

Nebukadinezari yari yavuze mu magambo asobanutse inzosi yarose, kandi ubwo Daniyeli yari amumenyesheje ko inzosi ari we zirenguriraho, byaragaragaraga ko umwami yari yarangiye kwikatira urubanza. Ubusobanuro bukurikiraho burumvikana ku buryo nta bisobanuro bindi byari bikenewe. Amateka yendaga kugera ku mwami, yari afite ikigombero. Yagombaga kwigisha umwami ko “Ijuru ritegeka. Ijambo “ijuru” hano rikoresheba bashaka kuvuga “Imana”, Umwami w'ijuru. Kubw'ibyo rero, Daniyeli afata umwanya wo kugira umwami inama ku bijyanye n'iteka ryari rimutegereje. Nyamara ntiyigeze amuciraho iteka ngo amubwirane umwuka w'amahane no kunnyega. Ubugwaneza no guhendahenda ni zo ntwaro yahisemo gukoresha ati: “...wemere inama nkugira.” Mu buryo nk'ubu, intumwa Pawulo ahendahendera abantu kwemera ijambo ryo kwikingira. (Abaheburayo 13:22). Iyo umwami aza gukuzaho ibyaha bye gukiranuka, n'ibicumuro bye akabikuzaho kugirira abakene impuhwe, ahari yari kongererwa igihe cy'amahoro, cyangwa se nk'uko ubusobanuro bwongeweho bubivuga ngo ni “ugukosora amakosa ye”. Iyo aza kwihana, yashoboraga no gutuma urubanza Uwitaka yari yamuciriye rwashoboraga guhinduka.

UMURONGO WA 28/25 Nuko ibyo byose bisohora ku Mwami Nebukadinezari. 26 Hashize amezi cumi n'abiri, umwami yari i Babuloni arambagira mu rugo ibwami, 27 aravuga ati “Ngiyi Babuloni hakomeye niyubakiye ngo habe umurwa wanjye nturaho, mpubakishije imbaraga z'amaboko yanjye ngo haheshe ubwami bwanjye icyubahiro.” Umwami atararangiza ayo magambo haza ijwi rivuye mu ijuru riti “Yewe Mwami Nebukadinezari, ni wowe ubwirwa. Ubwami bwawe ubukuwemo, 29

bazakwirukana bagukure mu bantu, ubane n'inyamaswa zo mu ishyamba kugeza aho uzamenyera ko Isumbabyose ari yo itegeka ubwami bw'abantu, kandi ko ibwimikamo uwo ishaka." 30 Nuko uwo mwanya iryo jambo risohora kuri Nebukadinezari yirukanwa mu bantu, akajya arisha nk'inka, umubiri we utondwaho n'ikime kiva mu ijuru kugeza aho umusatsi we wabereye urushoke nk'amoya y'ikizu, inzara ze zihinduka nk'iz'ibisiga.

Kwishyira Hejuru k'Umwami no Gucishwa Bugufi Kwe.—Nebukadinezari yananiwe gukoresha amahirwe yari yaherewe mu muburo yari yakiriye, nyamara Imana yamwihanganiye amezi cumi n'abiri arashira mbere yuko iteka yaciriwe rimugeraho. Muri icyo gihe cyose yakomeje guhembera ubwibone mu mutima we, maze kera kabaye bugera ku rugero rwo hejuru aho Imana itari igishoboye kumureka adahanwe. Umwami yarimo arambagira mu rugo rwe ibwami, maze arambura amaso areba ubwiza bw'isi, Babuloni ikomeye, ubwiza bw'ubwami, yibagirwa isoko y'imbaraga ze no gukomera kwe, maze avuga atangaye ati: "Mbese iyi si Babuloni ikomeye, iyi jyewe niyubakiye?" Abashakashatsi biga amateka bahereye ku bisigazwa byo mu butaka bavumbuye mu matongo wa murwa wa kera, ibyo Frederic Kenyon avuga mu nteruro zikurikira:

"Ibi byahamijwe muri rusange kwangirika kw'aha hantu, ariko na none byahishuye byinshi kuri gahunda zabo, imyubakire yabo, n'uburyo bwabo bw'imitako. Inyubako zabonetse, byasaga n'aho zose zari umurimo wa Nebukadinezari, uwari yarubatse bundi bushya umurwa wa mbere akawagura cyane, urugo rwe bwite rw'ibwami rukomeye ('ngiyi Babuloni hakomeye niyubakiye ngo habe umurwa wanjye nturaho, mpubakishije imbaraga z'amaboko yanjye, ngo haheshe ubwami bwanjye icyubahiro'), rwari inyubako ishimishije kuruta izindi.¹⁹

Igihe cyari kigeze ngo Nebukadinezari acishwe bugufi. Ijwi riturutse mu ijuru ryongeye gutangaza iteka ryendaga kumugeraho, kandi ukugiraneza kw'ijuru kwahise gukomeza umurimo wo gushyira iryo teka mu bikorwa. Gutekereza neza kwamuvuyemo. Gukomera n'ubwiza by'umurwa we ukomeye ntibyari bikimutwaye umutima. Imana ikoresheje urutoki yamukuyemo ubushobozi bwe bwo kubona ubwiza bwawo no kuwishimira. Yahise yanga kuba aho abantu baba, maze ashakira urugo n'incuti mu nyamaswa zo mu ishyamba.

UMURONGO WA 34/ 31 Hanyuma y'iyi minsi jyewe Nebukadinezari nuburira amaso yanjye mu ijuru, ngarura akenge mperako nshima Isumbabyose, ndayambaza nubaha Ihoraho iteka ryose, kuko ubwami bwayo ari bwo bwami butazashira, kandi ingoma yayo izahoraho uko ibihe bihaye ibindi. 32 Ariko abo mu isi yose ni nk'ubusa imbere yayo, ikora uko ishaka mu ngabo zo mu ijuru no mu bantu bo mu isi, kandi nta wubasha kuyikoma mu nkokora cyangwa kuyibaza ati "Uragira ibiki?" 33 Icyo gihe nsubizwamo ubwenge, ubwiza burabagirana nahoranye bungarukamo,

¹⁹ Sir Frederic Kenyon, *The Bible and Archaeology*, p. 126.

butuma ubwami bwanjye bugira icyubahiro. Maze abajyanama banjye n'abatware banjye baza kunshaka, mperako nkomezwa mu bwami bwanjye ndetse nongerwa icyubahiro cyinshi. 34 None jyewe Nebukadinezari ndashimisha Umwami wo mu ijuru, ndamusingiza, ndamwubaha kuko imirimo ye yose ari iy'ukuri kandi inzira ze ari izigororotse, ariko abibone abasha kubacisha bugufi.

Nebukadinezari Asingiza "Umwami wo mu Ijuru." Ku iherezo ry'imyaka irindwi, Imana yamukuyeho ikiganza cyo kumubabaza, maze gutekereza neza no gusobanukirwa by'umwami bimugarukamo. Igikorwa cya mbere yakoze cyabaye guhimbaza Isumbabyose. Kuri iyi ngingo, uwitwa Matthew Henry avugaho aya magambo: "Ibyo bishobora gufatwa nko kuvanwamo imyumvire idahimbaza Imana ngo iyisingize; cyangwa bikaba bivuze ko abantu batajya na rimwe bakoresha ibitekerezo byabo mu buryo bukwiriye kugeza igihe babaye abanyadini; cyangwa na none bakabaho nk'abantu kugeza igihe babereyeho guhimbaza Imana."²⁰

Icyubahiro cye n'ubuhanga bwe byaramugarukiye, abajyanama be bajya kumushaka, nuko yongera kwicara ku ntebe ya cyami. Isezerano ryari uko ubwami bwagombaga kuba ubwe (umurongo wa 26). Mu gihe yamaje yaratakaje ubwenge, bivugwa ko umuhungu we witwa Evili-merodaki ari we wasigaye ateguka mu cyimbo cya se nk'umusimbura we. Nta gushidikanya ko uburyo Daniyeli yari yarasobanuyemo inzizi bwari bwarumviswe neza n'abo mu rugo rw'umwami; kandi birashoboka ko iby'izo nzizi ari byo bwabaga bwiganje mu biganiro byabo. Bityo rero, abantu bagomba kuba bari bategerezanyije amatsiko kugaruka ku ngoma kwa Nebukadinezari. Ntabwo twabwiwe impamvu yaba yaremerewe kujya kuba ku gasozi mu ishyamba ahantu yari wenyine kandi hadashimishije, aho kuba ahantu heza yitabwaho n'abagaragu mu rugo rw'ibwami.

Kubabazwa kwageze ku ntego kwari kwagenewe kugeraho. Nebukadinezari yari yize isomo ryo kwicisha bugufi. Igihe yari yongeye kugubwa neza, umwami ntiyibagiwe iryo somo. Yari yiteguye kuzirikana ko Isumbabyose ari Yo iteguka ubwami bw'abantu, kandi ko ibuha uwo ishatswe. Yohereje mu bwami bwe hose itangazo riturutse ibwami rurimo amagambo yemeza yuko yagize ubwibone, rikanagaragaza ishimwe no guhimbaza Umwami wo mu ijuru.

Aya ni yo magambo ya nyuma tubona mu Byanditswe byera Nebukadinezari yavuze. Adam Clarke, mu gitabo²¹ yanditse, avuga ko iri teka ryaciye mu mwaka wa 563 Mbere ya Kristo, umwaka umwe mbere y'urupfu rwa Nebukadinezari, nubwo abanditsi bamwe bavuga ko ryaba ryaratanze imyaka cumi n'irindwi mbere yuko atanga. Nta bindi bintu byanditswe bivugaga ko umwami yaba yarongeye gusubira mu gusenga ibigirwamana. Bityo rero dushobora kwanzura ko Nebukadinezari yapfuye ari umuntu wizera Imana ya Isirayeli.

²⁰ Mathew Henry, *Commentary*, Vol. II, p. 965, note on Daniel 4: 34-37.

²¹ Adam Clarke, *Commentary on the Old Testament*, Vol. IV. p. 585, note on Daniel 4:37.

Uko ni ko ubuzima bw'uyu muntu wamenyekanye cyane busoza. Mbese hamwe n'ibi bigeragezo byose bitewe n'umwanya wo hejuru yari afite nk'umwami, aho ntidushobora kuvuga ko Imana yabonye muri we umutima wo kuba umunyakuri, inyangamugayo, no kwera kw'imigambi, ibyo Nebukadinezari yashoboraga gukoresha kugira ngo aheshe icyubahiro izina ry'Imana? Nuko rero, ukuntu Imana yakoranye nawe mu buryo butangaje, ibyo byose bisa n'aho byaba byarabereyeho kumutandukanya n'idini ye y'ibinyoma, maze bikamwomatanya no gukorera Imana y'ukuri. Dufite inzizi yarose abona igishushanyo kinini, izari zikubiyemo isomo ry'agaciro kenshi ku bantu bo mu bisekuru byakurikiyeho. Twibuka ibyabaye hagati ye na Saduraka, Mishaki na Abedenego igihe bangaga kuramya igishushanyo cy'izahabu yari yakozwe, aho na none yaje kugezwa aho yemera gukomera guhebuje kw'Imana y'ukuri. Bwa nyuma, dufite ibi bintu bitangaje byanditswe muri iki gice, byerekana umuhati w'Uwiteka utaracogoye kugeza ubwo Nebukadinezari yemeye Umuremyi mu buryo bwuzuye. Mbese ntidushobora kwiringira ko uyu mwami w'ikirangirire wa Babuloni, umutwe w'izahabu, ashobora ku iherezo kuzagira umugabane muri bwa bwami, bwa bundi ubwami bwo mu isi bwose buzahindukira umurama imbere yabwo, kandi ubwo bwami bukazagira ubwiza butazagajuka iteka ryose?

IGICE CYA 5

INYANDIKO KU

RUSIKA

DANIYELI 5

UMURONGO WA 1 Umwami Belushazari ararika abatware be bakuru igihumbi ngo baze mu birori, abatunganiriza ibyokurya n'ibyokunywa. Muri ibyo birori, umwami na we anywera vino imbere y'abo batware igihumbi.

Iki gice cyerekana ibintu byabaye bisoza amateka y'ingoma ya Babuloni, impinduka yo kuva ku izahabu ukajya ku ifeza biboneka ku gishushanyo kinini kiboneka muri Daniyeli 2, no kuva ku ntare ukajya ku idubu iri mu iyerekwa ryo muri Daniyeli igice cya 7. Bamwe bavuga ko ibi birori byari umunsi mukuru ngarukamwaka wo kubahiriza zimwe mu mana z'abapagani. Kuro icyo gihe wari uri kugota Babuloni ahagerereje, yamenye amakuru y'ibyo birori, nuko acura imigambi yo kwigarurira uwo murwa. Amagambo dufite yanditswe avuga ko Belushazari, amaze gutumira abatware igihumbi, "yaranyoye...imbere y'abo batware igihumbi." Ingeri zimwe ziravuga ngo "yaranyoye...arushanwa n'abo batware igihumbi" bishaka kwerekana ko hejuru y'intege nke izo ari zo zose yaba yari yaragize, yari n'umunywi ukomeye.

UMURONGO WA 2 Nuko Belushazari agisogongera kuri vino, ategeka ko bamuzanira ibintu by'izahabu n'ifeza, ibyo se Nebukadinezari yari yaranyaze mu rusengero rw'i Yerusalemu, kugira ngo umwami n'abatware be n'abagore be n'inshoreke ze babinyweshe. 3 Bamuzanira ibyo bintu by'izahabu byakuwe mu rusengero rw'inzu y'Imana yari i Yerusalemu, maze umwami n'abatware be n'abagore be n'inshoreke ze barabinyweshwa, 4 banywa vino bahimbaza ibigirwamana by'izahabu n'iby'ifeza, n'iby'imiringa n'iby'ibyuma, n'iby'ibiti n'iby'amabuye.

Kuba uyu munsi mukuru wari ufite aho uhuriye n'intsinzi zari zarabanjirije icyo gihe, ubwo Abanyababuloni batsindaga Abayuda, umuntu ashobora kubibonera ku buryo igihe umwami vino yari imaze kumugeramo, yatumije ibikombe byera byari byaravanywe i Yerusalemu. Yashakaga kubikoresha cyane bitewe no kwizihiza intsinzi yabahesheje gushyikira

ibyo bikombe. Birashoboka ko nta wundi mwami wari warigeze gukora ibyo kutubaha Imana bene ako kageni. Kandi igihe bari bari kunywesha ibikombe byari byarerejwe Imana y'ukuri, bahimbaje imana zabo zikozwe mu izahabu, ifeza, umuringa, ibyuma, ibiti, n'izikozwe mu mabuye. Ahari, nk'uko twabibonye ku busobanuro bwa Daniyeli 3:29, bahimbazaga imbaraga ihebuje y'ibigirwamana byabo bakavuga ko bifite ububasha burenze ubw'Imana y'Abayuda, iyo bari baranyaze ibyo bikombe barimo banyweshya vino imbere y'imana zabo za gipagani.

UMURONGO WA 5 Uwo mwanya haboneka intoki z'umuntu, zandika ku rusika ruhomye rw'inzu y'umwami aherekeye igitereko cy'itabaza, umwami abona ikiganza cyandika. 6 Abibonye mu maso he hahinduka ukundi, gutekereza kwe kumuhagarika umutima, ingingo z'amatako ye zicika intege kandi amavi ye arakomangana. 7 Umwami atera hejuru ati "Nimunzanire abapfumu n'Abakaludaya n'abacunnyi." Abo banyabwenge b'i Babuloni baje umwami arababwira ati "Uri busome iyi nyandiko wese akansobanurira impamvu yayo, azambikwa umwenda w'umuhengeri n'umukufi w'izahabu mu ijosi, kandi azaba umutware wa gatatu mu bwami." 8 Nuko abanyabwenge b'umwami bose barinjira, ariko bananirwa gusoma iyo nyandiko cyangwa kumenyesha umwami uko isobanurwa. 9 Umwami Belushazari aherako ahagarika umutima cyane, mu maso he hahinduka ukundi n'abatware be barashoberwa.

Inyandiko ku Rusika.—Nta murabyo w'umucyo udasanzwe, nta n'inkuba zakubise ngo bigaragaze ko Imana ije kurogoya ibyo birori byabo byo kuuvuyarara bitarimo kubaha Imana. Ikiganza cyaraje bucece maze cyandika inyandiko y'amayobera ku rukuta. Ndetse cyandika ahari hateganye n'igitereko cy'itabaza. Umwami yafashwe n'ubwoba bwinshi, kubera ko umutimanama we wamuregaga. Nubwo atashoboraga gusoma iyo nyandiko, yamenye ko nta butumwa bw'amahoro n'umugisha bwakwandikwa mu nyuguti zishashagirana ku rusika rwo mu nzu y'umwami. Uburyo umuhanuzi asobanura ingaruka z'ubwoba bw'umwami, nta bundi buryo bwiza bwaruta ubwo yabivuzemo. Mu maso h'umwami hahindutse ukundi, gutekereza kwe kumuhagarika umutima, ingingo z'amatako ye zicika intege, kandi amavi ye arakomangana. Yibagiwe ibwirasi bwe n'ibinezeza yari arimo. Yibagiwe icyubahiro cye. Bityo atera hejuru ahamagaza abapfumu n'Abakaludaya n'abacunnyi kugira ngo baze basobanure iby'iyi nyandiko y'amayoberane.

UMURONGO WA 10 Nyuma umwamikazi yumvise amagambo y'umwami n'abatware be, yinjira mu nzu y'ibirori bariragamo aravuga ati: "Nyagasani nyaguhoraho, ibyo utekereza bye kuguhagarika umutima ngo mu maso hawe hahinduke ukundi, 11 kuko mu gihugu cyawe harimo umugabo urimo umwuka w'imana zera. Ndetse ku ngoma ya so yabonekwagamo n'umucyo no kwitegereza n'ubwenge buhwanye n'ubwenge bw'imana, kandi so Umwami Nebukadinezari yamugize umutware w'abakonikoni n'abapfumu n'Abakaludaya n'abacunnyi, 12 kuko muri uwo

mugabo Daniyeli, uwo umwami yahimbye Beluteshazari habonetsemo umwuka mwiza no kwitegereza, yashoboraga gusobanura inzozu no guhishura ibihishwe, no guhangura ibyananiranye. Nuko nibahamagare Daniyeli, aze asobanure impamvu yabyo.” 13 Nuko bazana Daniyeli imbere y’umwami. Umwami abaza Daniyeli ati “Ni wowe Daniyeli wo mu banyagano b’Abayuda, umwami data yakuye i Buyuda? 14 Numvise bakuvuga ko umwuka w’imana ari muri wowe, kandi ko umucyo no kwitegereza n’ubwenge bwiza bikubonekaho. 15 Ubu ngubu banzaniye abanyabwenge n’abapfumu, kugira ngo bansomere iyi nyandiko bansobanurire impamvu yayo, ariko ntibashoboye kubisobanura. 16 Ariko numvise ko ushobora gusobanura amagambo no guhangura ibyananiranye. Nuko rero niba ushobora kunsomera iyi nyandiko ukansobanurira impamvu yayo, uzambikwa umwenda w’umuhengeri n’umukufi w’izahabu mu ijosi, kandi uzaba umutware wa gatatu mu bwami.”

Ukurikije uko ibintu bivugwa hano, bigaragara ko umuhanuzi Daniyeli yari yaribagiranye mu rugo rw’ibwami. Nta gushidikanya ibi byatewe n’uko yabaga i Shushani, mu ntara ya Elamu, aho yari yaragiye gukorera imirimo y’ibwami. (Daniyeli 8:1, 2, 27). Birashoboka ko igihe igihugu cyagabwagaho igitero n’ingabo z’Abaperesi byatumye muri icyo gihe agaruka i Babuloni. Umwamikazi wamenyesheje umwami ko hari umuntu nk’uwo wakwitabazwa ngo amenyeshe umwami ibintu nk’ibyo birenze ubwenge bw’abantu, abantu batekereza ko yaba yari nyina w’umwami, kandi akaba umukobwa wa Nebukadinezari. Agomba kuba yaributse inama zitangaje Daniyeli yari yaratanze mu gihe cy’ingoma ya se.

Hano Nebukadinezari yitwa Se wa Belushazari, hakurikijwe umuco wari uriho muri icyo gihe wo kwita so umuntu wese ukomoka mu muryango wa so, ndetse n’umuntu wese w’igitsinagabo umukomokaho. Mu by’ukuri, Nebukadinezari yari sekuru wa Belushazari. Igihe Daniyeli yari yinjiye muri iyo nzu, umwami yabajije niba uwo muhanuzi yari umwe mu bana b’abanyagano b’i Buyuda. Bityo rero, bisa n’aho hari hatanzwe itegeko ko, mu gihe ibikomangoma by’ibwami byari kuba biri mu birori bitarimo kubaha Imana, ahubwo bahimbaza ibigirwamana byabo, naho umugaragu w’Imana nyakuri, uwo bari baragumishije mu bunyage we, yari yahamagawe ngo aze avuge iteka rikwiriye imigirire yabo mibi.

UMURONGO WA 17 Daniyeli asubiza umwami ati “Impano zawe uzigumanire, kandi ingororano zawe uzihe undi. Ariko ndasomera umwami iyi nyandiko, musobanurire impamvu yayo. 18 “Umva, nyagasani, Imana Isumbabyose yahaye so Nebukadinezari ubwami no gukomera n’ubwiza n’icyubahiro. 19 Abantu b’amoko yose y’indimi zitari zimwe baramutinyaga, bagahindira imishyitsi imbere ye ku bw’icyubahiro Imana yamuhaye. Yicaga uwo ashatse kwica, akarokora uwo ashatse kurokora. Yogezaga uwo ashatse kogeza, agacisha bugufi uwo yashakaga gucisha bugufi. 20 Ariko yishyira hejuru, yinangira umutima bimutera kuba umunyagitinyiro mu byo yakoraga, ni ko gukurwa ku ntebe y’ubwami maze icyubahiro cye

bakimukuraho. 21 Nuko yirukanwa mu bantu umutima we uhindurwa nk'uw'inyamaswa, abana n'imparage, akarisha nk'inka, umubiri we utondwaho n'ikime kiva mu ijuru kugeza aho yamenyeye ko Imana Isumbabyose ari yo itegeka ubwami bw'abantu, kandi ko ibwimikamo uwo ishatse. 22 "Ariko wowe umwana we Belushazari, ntiwicishije bugufi mu mutima wawe nubwo wamenye ibyo byose, 23 ahubwo wishyize hejuru ugomera Uwiteka Imana nyir'ijuru, bakuzanira ibintu byo mu nzu yayo kugira ngo wowe n'abatware bawe n'abagore bawe n'inshoreke zawe mubinyweshe vino, maze uhimbaza ibigirwamana by'ifeza n'iby'izahabu, n'iby'imiringa n'iby'ibyuma, n'iby'ibiti n'iby'amabuye bitareba, ntibyumve, ntibytegereze. Ariko Imana ifite umwuka wawe mu kuboko kwayo, nyir'ukumenya imigendere yawe yose, nturakayishimisha. 24 Ni cyo gitumye itegeka ko icyo kiganza kiza, ikacyandikisha iyi nyandiko.

Daniyeli Acyaha Belushazari.—Daniyeli yabanje guhakana igitekerezo cy'uko yagira icyo akora bitewe n'ibihembo asezeraniwe nk'uko byari bimeze ku bapfumu n'abacunnyi. Yaravuze ati: "Ibihembo byawe ubyihere undi." Yifuzaga ko byumvikana neza ko atinjiye mu murimo wo gusobanura iby'icyo kibazo kugira ngo ahabwe impano n'ingororano. Nuko asubira mu byabaye kuri sekuru w'umwami ari we Nebukadinezari, nk'uko biboneka mu bice bibanziriza iki. Yabwiye Belushazari ko nubwo yari azi neza ibyo byose, atigeze yicisha bugufi mu mutima we, ahubwo ko yishyize hejuru akagomera Imana yo mu ijuru. Gusuzugura Imana kwe yarakujyanye akugeza kure cyane kugeza n'ubwo ahumanije ibikombe byera by'Imana, agahimbaza imana zitumva ntizinarebe, iz'abantu biremeye, ndetse akanga guhimbaza Imana yari ifashe umwuka we mu kiganza cyayo. Kubera iyo mpamvu Daniyeli yaramubwiye ko 'ikiganza cyoherejwe kivuye ku Mana, iyo yatinyutse gutuka, kugira ngo cyandike ayo magambo ateye ubwoba, nubwo ubusobanuro bwayo bwari buhishwe. Nuko akomerezaho gusobanura iyo nyandiko.

UMURONGO WA 25 "Kandi ibyanditswe ni byo ibi: MENE MENE TEKELI UFARISINI. 26 Kandi bisobanurwa bitya: *Mene* bisobanurwa ngo Imana ibaze imyaka umaze ku ngoma, iyishyiraho iherezo. 27 *Tekeli* bisobanurwa ngo: wapimwe mu bipimo, ugaragara ko udashyitse. 28 Kandi *Perēsi* bisobanurwa ngo: ubwami bwawe buragabwe, buhawe Abamedi n'Abaperesi." 29 Nuko Belushazari ategeka ko bambika Daniyeli umwenda w'umuhengeri n'umukufi w'izahabu mu ijosi, kandi ko bavuga baranguruye ko azaba umutware wa gatatu mu bwami.

Daniyeli Asobanura Inyandiko.—Muri iyi nyandiko, ijambo ryose rihagarariye interuro ngufi. *Mene* risobanurwa ngo "yabazwe;" *Tekel* risobanurwa ngo "wapimwe;" *Upharsin* riva ku muzi w'ijambo *peres* risobanura ngo "buragabwe." Imana wasuzuguye ni Yo ifite ubwami bwawe mu biganza byayo, kandi yabaze iminsi yabwo iyishyiraho iherezo mu gihe wowe watekerezaga ko bugeze ku rwego rwo hejuru rwo kugubwa neza. Wowe wishyize hejuru mu mutima wawe w'ubwibone nk'umuntu ukomeye

wo mu isi, wapimwe kandi wasanzwe woroshye cyane nk'ubusa. Ubwami bwawe, ubwo warotaga ko buzahoraho iteka, bugabanijwe abanzi bawe bategerereje ku marembo.

Nubwo Belushazari yari aciriweho iteka riteye ubwoba ritya, ntiyigeze yibagirwa isezerano yari yatanze, ahubwo yahise yambika Daniyeli ikanzu y'umuhengeri n'umukufi w'izahabu, kandi ahita atangaza ko ari umutware wa gatatu mu bwami bwe. Daniyeli yarabyemeye, uko biri kose bitewe n'igitekerezo yari afite cyo kugira ngo azabe yiteguye neza kwita ku nyungu z'ubwoko bwe mu gihe cyari kuba hagati yo guhanguka kw'ingoma ya Belushazari no kwima kw'ubwami bwari kumwimura.

UMURONGO WA 30 Ariko iryo joro Belushazari umwami w'ubwami Bukaludaya aricwa. Ubwo bwami buhabwa Dariyo w'Umumedi, yari amaze nk'inyaka mirongo itandatu n'ibiri avutse.

Ibivugwa ahangaha bisobanurwa mu buryo buhura n'ibivugwa muri Daniyeli 2:39. Igihe Belushazari yari yirunduriye mu birori bikomeye, igihe ikiganza cya marayika cyariho cyandika ku rusika rw'ibwami ishyano rigiye kugwira ubwami, igihe Daniyeli yariho amenyesha abantu ubusobanuro bw'inyandiko yo mu ijuru, ingabo z'Abaperesi zari zarangije kugera mu murwa rwagati zinyuze mu muyoboro w'aho Ufurate yanyuraga, inkota zabo bazikuye mu rwubati bakabuza nko bagere mu rugo rw'umwami. Byavugwa gakeya ko batunguye umwami, kubera ko Imana yari imaze kumuburira iby'akaga kamurindiriye. Nyamara baramubonye maze baramwica, maze guhera uwo mwanya ubwami bwa Babuloni buba bugeze ku iherezo.

"Iryo joro bamutsinda ku ngoma y'ubwami ya se,
Igikorwa kitari cyarabutswe, n'ikiganza kitazwi:
Belushazari arambarara hasi atambaye ikamba nta n'inkoni y'ubwami afite,
Ikanzu y'umukara wa kabayonga ifubitse ishusho y'ibumba"²²

²² Edwin Arnold, "The Feast of Belshazzar," Poetical Works, p. 170.

IGICE CYA 6

DANIYELI MU RWOBO RW'INTARE

DANIYELI 6

UMURONGO WA 2 Bukeye Dariyo ashaka kugabanya igihugu mo intara ijana na makumyabiri, ngo azigabire abatware b'intebe bakwire igihugu cyose. 3 Kandi abaha n'abatware bakuru batatu, umwe muri bo yari Daniyeli, kugira ngo abo batware b'intebe bajye babashyikiriza iby'umwami, ngo umwami adapfirwa ubusa. 4 Ariko Daniyeli aratona cyane kuruta abandi batware bakomeye n'abandi b'intebe, kuko umwuka mwiza cyane yari ari muri we. Ndetse umwami yibwiraga kumwegurira igihugu cyose. 5 Abatware bakomeye n'ab'intebe bashaka impamvu yose yatsindisha Daniyeli mu by'ubutware, ariko bamuburaho impamvu cyangwa igicumuro kuko yari umwiringirwa, ntabonekweho n'amafuti cyangwa igicumuro. 6 Bukeye abo bagabo baravugana bati "Nta mpamvu tubona kuri Daniyeli, keretse nituyibona mu magambo y'amategeko y'Imana ye."

Babuloni yigaruriwe n'Abaperesi, maze Dariyo w'Umumedi aba ari we ushyirwa ku ntebe y'ubwami mu mwaka wa 538 Mbere ya Kristo. Igihe Dariyo yari apfuye amaze imyaka ibiri ku ngoma, Kuro yimye ingoma. Hagati aho muri iyo myaka, hari igikorwa cyabaye ari na cyo kivugwa muri iki gice.

Daniyeli yari umuyobozi w'umunyamwete mu bwami bwa Babuloni hejuru iyo mu bushosrishori bw'ubwiza bwabwo. Guhera icyo gihe kugeza ubwo Abamedi n'Abaperesi basataga ingoma y'ubwami bwategekaga isi yose, nibura yari atuye mu murwa mukuru, amenyereye imirimo y'ibwami. Nyamara ntiyigeze aduha urukurikirane rw'uko ibintu byagenze muri uyu mubano yagiranye n'ubu bwami bwombi. Yakoze ku kintu kimwe cyabaye hano ikindi hariya, ibyagombaga kongera kwizera, ibyiringiro, kandi kigatera umwete imitima y'abantu b'Imana bo mu bihe byose, ndetse kikabayobora ku gushikama mu kuri bahisemo gukurikira. Ikintu cyabaye kivugwa muri iki gice kirengurirwaho mu gitabo cy'Abaheburayo 11, aho dusoma iby'abazibye iminwa y'intare ku bwo kwizera.

Daniyeli nka Ministiri w'Intebe mu bwami bw'Abamedi n'Abaperesi.—
Dariyo yashyizeho abatware b'intebe 120 mu bwami bwe, kandi rero icyo

gihe igihugu cyari gifite intara 120, buri ntara yose ikagira umutware cyangwa guverineri uyiyobora. Intsinzi zagezweho na Kambize (Cambyzes) na Dariyo Hystaspes, zaje gutuma nyuma yaho igihugu cyaguka kigera ku ntara 127. (Esiteri 1:1). Hejuru y'abo batware hari abaperezida batatu, kandi Daniyeli ni we wari umuyobozi wabo batatu. Nta gushidikanya, Daniyeli yazamuwe kuri iyi ntera ikomeye bitewe n'umwuka w'ubwenge n'ubudahemuka yari yaragaragaje mu murimo we.

Nk'umuntu wari ukomeye mu bwami bwa Babuloni, Dariyo yashoboraga gutekereza ko Daniyeli ari umwanzi, bityo akegezwa kure cyangwa se akicwa. Cyangwa se nk'umunyagano wavanywe mu gihugu cyari amatongo muri icyo gihe, yashoboraga gusuzugurwa, agafatwa nk'aho ntacyo amaze. Nyamara bivugwa ko Dariyo yamugiriye icyizere maze Daniyeli agatoranywa, agashyirwa hejuru y'abandi bose, kubera ko umwami wari ufite ubushishozi yari yamubonyemo umwuka w'ubwenge. Umwami yatekerezaga kumwegurira igihugu cyose.

Maze abandi batware bamugirira ishyari, bashaka uburyo bwo kumwicisha. Nk'uko yagaragaraga imbere y'umwami, imico ya Daniyeli yaziraga amakemwa. Yari umwiringirwa kandi akaba umunyakuri. Muri iki cyerekezo, ntibashoboraga kubona impamvu bashingiraho bamurega. Nuko bavuga ko badashobora kubona impamvu kuri we ngo bamushinje, keretse gusa bayibonye mu mategeko y'Imana ye. Nimutyo natwe bitubere bityo. Nta kindi kintu cyaduharurira inzira ituma twemerwa kirenze iki.

UMURONGO WA 6/7 Nuko abo batware bakomeye n'ab'intebe bateranira ibwami babwira umwami bati "Mwami Dariyo, nyaguhoraho, 8 abatware bakomeye bo muri ubu bwami n'ab'intebe n'ibisonga byabo, n'abajyanama n'abanyamategeko bose bigiriye inama yo gushyiraho itegeko ry'umwami n'iteka rikomeye ngo mu minsi mirongo itatu, umuntu wese uzagira icyo asaba imana yose cyangwa umuntu wese atari wowe asabye nyagasani, azajugunywe mu rwobo rw'intare. 9 Nuko none nyagasani, hamya iryo tegeko ushyireho ukuboko ku rwandiko rw'iryo tegeko, kugira ngo rye kuzakuka nk'uko amategeko y'Abamedi n'Abaperesi atavuguruzwa." 10 Nuko Umwami Dariyo ashiraho ukuboko ku rwandiko rw'iryo tegeko. 11 Maze Daniyeli yumvise ko urwandiko rwashyizweho ukuboko ajya iwe, (kandi amadirishya y'inzu ye yari akinguwe yerekeye i Yerusalemu), akomeza kujya apfukama gatatu mu munsu asenga Imana ye, akayishimira nk'uko yari asanzwe agenze.

Daniyeli Agambanirwa.—Murebe inzira aba bantu banyuzemo kugira ngo bagere ku migambi yabo mibisha. Barateranye basanga umwami—mu magambo bongeyeho, bavuga ko baje basakuza. Baje nk'aho hari ikintu cyihutirwa kibonetse mu buryo butunguranye, bityo bakaba baje kukimugezaho. Bavuze ko bose babyumvikanyeho. Iki cyari ikinyoma kubera ko Daniyeli wari umuyobozi wabo mukuru batari bigeze bamugisha inama kuri iki kintu.

Itegeko bari bazanye imbere y'umwami ryari rigendereye gutuma ubushake bw'umwami burushaho kubahwa no kumvirwa. Bavuze ko mu gihe kingana n'iminsi mirongo itatu, nta muntu uzagira icyo asaba undi muntu cyangwa ngo asenge indi mana uretse Dariyo. Abatware bahishe umugambi mubisha bari bafitiye Danieli binyuze muri ubu buryo bwo gushyeshyenga umwami. Umwami yashyize umukono kuri iryo tegeko, maze rihinduka itegeko ridashobora guhindurwa ry'Abamedi n'Abaperesi.

Nimurebe Ubucakura bw'Aba Bantu—urugendo bakoze kugira ngo basohoze intego yo kurimbura umuntu mwiza. Iyo baza kuba barateguye itegeko rivuga ngo ntihazagire umuntu ugira icyo asaba Imana y'Abaheburayo, ari na wo mugambi nyakuri bari bafite, umwami yari guhita atahura intego yabo, kandi iryo tegeko ntiriyari kuba rigisinywe. Ariko bararyaguye muri rusange, kandi bari baniteguye kwirengagiza idini yabo ndetse no kuyivuma, ndetse bagatuka ibigirwamana byabo bitabarikaga kugira ngo babashe kugera ku ntego yabo, ari yo yo kurimbura ubugingo bw'uwo bangaga.

Danieli yatahuye ko yagambaniwe, nyamara nta cyo yakoze ngo aburizemo uwo mugambi. Icyo yakoze gusa ni ukwishyira mu maboko y'Imana, maze ikibazo akakirekera mu buntu bwayo. Ntiyigeze ava mu murwa ngo ahimbe urwitwazo rw'ubutumwa bw'akazi, cyangwa ngo akore gahunda ye yo gusenga mu buryo bw'ibanga. Igihe yamenyaga ko iyo nyandiko yasinywe, yapfukamaga mu cyumba cye inshuro eshatu buri munsu, nk'uko yari amenyereye, akerekeza amaso ye kuri Yerusalemu yakundaga, maze agasenga Imana ye ayinginga.

UMURONGO WA 11/ 12 Bukeye ba bagabo baraterana, baragenda basanga Danieli asenga Imana ye, ayinginga. 13 Baraza bavugira imbere y'umwami ibya rya tegeko rye bati "Mbese harya nyagasani, ntiwashyizeho ukuboko ku rwandiko rw'iteka waciye ngo mu minsi mirongo itatu, umuntu wese uzagira icyo asaba imana yose cyangwa umuntu wese atari wowe asabye, nyagasani, ngo azajugunywe mu rwobo rw'intare?" Umwami aramusubiza ati: "Narabitegetse koko, nkurikije amategeko y'Abamedi n'Abaperesi atavuguruzwa." 14 Baramusubiza bati "Ariko Danieli we wo mu banyagano b'Abayuda ntakwitayeho nyagasani, cyangwa iteka washyizeho ukuboko, ahubwo ajya asenga gatatu mu munsu." 15 Umwami yumvise iryo jambo arabarakarira cyane, ashyira umwete cyane kuri Danieli kugira ngo amukize, burinda bwira. 16 Ba bagabo bongera guteranira ibwami babwira umwami bati "Nyagasani, umenye ko ari itegeko ry'Abamedi n'Abaperesi, ngo nta tegeko cyangwa iteka ryahamijwe n'umwami rivuguruzwa." 17 Nuko umwami aratega, bajya kuzana Danieli bamujugunya mu rwobo rw'intare. Ariko umwami yari yamubwiye ati "Imana yawe ukorera iteka iragukiza." 18 Maze bazana igitare bagikinga ku murwa w'urwobo. Umwami ahomaho ikimenyetso cye bwite n'icy'abatware be, kugira ngo ibyo ategutse kuri Danieli bidahindurwa.

Daniyeli Ajugunywa mu Rwobo rw'Intare.—Ubwo umutego wari umaze gutagwa, icyo abo bantu bari basigaje gukora ni ugucungira hafi uwo bari bateze uwo mutego. Bityo, barongeye barahura, ariko kuri iyi nshuro noneho bahuriye aho Daniyeli yabaga, nk'aho hari umurimo w'ingenzi wari utumye baterana byihuse ngo bagishe inama umuyobozi mukuru w'abaperezida b'umwami; kandi nyine baramubonye nk'uko babishakaga kandi babyiringiye, bamusanga asenga Imana ye. Kugeza ubwo, umugambi wabo warabahiriye. Rero igihe bajyanaga ikibazo cyabo ku mwami, ntibibeshyaga.

Bamaze kubona ko umwami yemeye ko itegeko ritangira kubahirizwa, bari biteguye kumuregera Daniyeli. Mu kugerageza gukangura urwikekwe mu mwami baravuze bati: "Daniyeli we, umwe mu bana b'abanyagano b'i Buyuda, ntakwitayeho, Nyagasani, cyangwa iteka washyizeho." Nuko baritotomba, bati 'uriya mutindi w'umunyagano, ugukeshya amaramuko ku bintu byose afite, none aho kugira ngo anyurwe kandi agushimire ubuntu wamugiriye, ntabwo akwitayeho, habe ngo anite ku itegeko washyizeho.' Ubwo ni bwo umwami yabonye umutego bari bamuteze we na Daniyeli, nuko ashyira umwete kuri Daniyeli ngo amukize kugeza izuba rirenze, wenda yakoresheje umuhati we agerageza gusaba abagambanyi ngo bagenze make, cyangwa se yakoresheje kujya impaka na bo no kugerageza uko ashoboye kose ngo ateshe agaciro iryo tegeko. Nyamara itegeko ryagumyeho; maze Daniyeli w'umunyacyubahiro, umuntu w'ingenzi, umukiranutsi, umugaragu utagira inenge w'ibwami ajugunywa mu rwobo rw'intare.

UMURONGO WA 18/ 19 Nuko umwami asubira mu nzu ye akesha ijoro yiraje ubusa, ntibamuzanira ibyo kumucurangira, ntiyarushya agoheka. 20 Bukeye umwami yibambura kare mu museso, agenda yihuta ajya kuri rwa rwobo rw'intare. 21 Ageze hafi y'urwo rwobo Daniyeli yari arimo, atera hejuru n'ijwi ry'umubabaro abaza Daniyeli ati: "Yewe Daniyeli mugaragu w'Imana ihoraho, mbese Imana yawe ukorera iteka yabashije kugukiza intare?" 22 Daniyeli asubiza umwami ati "Nyagasani uhoraho, 23 Imana yanjye yohereje marayika wayo abumba iminwa y'intare, nta cyo zantwaye kuko nabonetse imbere yayo ntafite icyaha, kandi nawe nyagasani, nta cyo nagucumuyeho." 24 Umwami aherako anezerwa cyane, ateguka ko bakura Daniyeli mu rwobo. Nuko bamukuramo basanga nta cyo yabaye, kuko yari yiringiye Imana ye. 25 Maze umwami ateguka ko bamuzanira ba bagabo bareze Daniyeli, babazanana n'abagore babo n'abana babo babajugunya muri urwo rwobo rw'intare, zibasamira mu kirere zibamenagurana n'amagufwa yabo batararushya bagera mu rwobo hasi.

Daniyeli Arokorwa.—Inyifato umwami yagize nyuma yuko Daniyeli ajugunywe mu rwobo rw'intare, ihamya neza uburyo yari ashishikajwe bitavugwa n'ubuzima bw'uwo muhanuzi, ndetse n'uko yumvaga umutima we umucira urubanza kubw'uruhare yari yabigizemo. Kare mu museke, yazindukiye ku rwobo rw'inyamaswa zishonje kandi zirakajwe cyane no guhotorwa n'inzara. Daniyeli yari muzima, kandi igisubizo yashubije

umwami igihe yari amuramukije, nticyari kirimo kumuveba amuhora ko yemeye kumvira abajyanama be babi. Mu magambo y'ikinyabupfura no kubaha Danieli yaravuze ati: "Nyagasani uhoraho." Nyuma yo kwibutsa umwami, mu buryo ashobora kuba yarumvisemo neza icyo avuze, ko yari yabonetse imbere ye adafite icyaha, nubwo nta n'ikindi yashoboraga gukora kirenze uko yakoraga. Kubera nta cyaha yari afite, Imana yakoreraga iteka yari yohereje marayika wayo afunga iminwa y'intare.

Noneho hano turahabona Danieli ahagaze. Yari yarinzwe n'imbaraga irenze indi mbaraga yose yo ku isi. Ikibazo cye cyari cyahagurukiwe, kandi gutungana kwe kwari kwahamijwe. "Ntacyo zamutwaye kuko yari yiringiye Imana ye." Ukwizera kwarabikoze. Igitangaza cyari cyakozwe. None se ni ukubera iki abari bareze Danieli babazanye bakabajugunya mu rwobo? Uko biri kose bavuze ko kurindwa kwa Danieli kutari igitangaza yakorewe, ko ahubwo ari amahirwe yagize bigahuza n'uko icyo gihe intare zitari zishonje. Umwami ashobora kuba yaravuze ati: "Niba ari uko bimeze, na mwe nta cyo zirabatwara nk'uko na we ntacyo zamutwaye, nuko rero reka tubisuzume namwe babashyiremo." Intare zari zishonje bihagije, kandi igihe zitari zikumiriwe n'imbaraga mvajuru, abo bantu zabashwanyaguje batararushya bagera ku ndiba y'urwobo. Uko ni ko Danieli yahamijwe ku nshuro ya kabiri ko akiranuka, bityo amagambo ya Salomo asohora mu buryo bukomeye ngo: "Umukiranutsi akizwa amakuba, umunyabyaha agasubira mu kigwi cye." Imigani 11:8.

UMURONGO WA 25/ 26 Umwami Dariyo aherako yandikira abantu b'amoko yose y'indimi zitari zimwe batuye mu isi yose ati: "Amahoro agwire muri mwe! 27 Nshyizeho itegeko ngo abantu bo mu butware bwose bwo mu gihugu cyanjye bajye bubaha Imana ya Danieli, bahindire imishyitsi imbere yayo kuko ari yo Mana nzima ihoraho iteka ryose, ubwami bwayo ntibuzarimbura kandi ubutegetsi bwayo buzageza ku mperuka. 28 Ni yo irokora igakiza, ikora ibimenyetso n'ibitangaza mu ijuru no mu isi, kandi ni yo yakijije Danieli inzara z'intare." 29 Nuko ku ngoma ya Dariyo no ku ngoma ya Kūro w'Umuperesi, Danieli agubwa neza.

Danieli Agubwa Neza.—Kurokorwa kwa Danieli kwatumye ibwami handikirwa irindi tangazo maze ryoherezwa mu bwami bwose rigamije kwerereza Imana y'Ukuri, ari Yo Mana ya Isirayeli. Abantu bose bategetswe kuyubaha no guhindira umushyitsi imbere yayo. Umugambi mubisha abanzi ba Danieli bari bateguriye kumwicisha, ingaruka yawo yabaye gushyirwa hejuru kwe. Muri ubu buryo, kimwe no ku byabaye ku basore batatu b'Abaheburayo mu itanura ry'umuriro ugurumana, kwemerwa n'Imana kubaho gushingiye ku bintu bibiri bijyanye n'inshingano—kwanga gukora icyaha uzi neza, no kwanga kwirengagiza inshingano uzi neza. Ubwoko bw'Imana bwo mu bihe byose bushobora kubonera imbaraga muri izi ngero.

Itegeko ry'umwami ryerekana ibiranga imico y'Imana nyakuri: Ni Umuremyi; izindi mana nta buzima zifitemo. Ihoraho iteka ryose; izindi

mana ntacyo zimariye ubwazo kandi ntiziramba. Ifite ubwami; kuko ari Yo yaremye byose kandi ikaba ari Yo igenga byose. Ubwami bwayo ntibuzahanguka; naho ubundi bwami bwose bugira iherezo. Ubutware bwayo ntibuzashira; kandi nta butware bwa muntu bushobora kubuhangara. Itabara abari mu bubata. Itabara abagaragu bayo ikabakiza ababisha babo iyo bayiyambaje ngo ibafashe. Ikora ibitangaza mu ijuru igakora n'ibimenyetso bikomeye mu isi. Kandi ku musozo wa byose, yatabaye Daniyeli, bityo ishyira imbere y'amaso yacu igihamya cyuzuye cy'imbaraga zayo no kugira neza kwayo igihe yakizaga umugaragu wayo imbaraga z'intare. Mbega inkuru ishimishije ivuga Imana ikomeye n'umugaragu wayo w'indahemuka!

Uku ni ko umugabane uvuga amateka w'igitabo cya Daniyeli usoza.

IGICE CYA 7

GUHARANIRA

GUTEGEKA ISI

DANIYELI 7

UMURONGO WA 1 Mu mwaka wa mbere wo ku ngoma ya Belushazari umwami w'i Babuloni, Daniyeli yarose inzozo maze abona ibyo yeretswe ari ku buriri bwe. Aherako yandika ibyo yarose, arobanuramo ingingo zabyo zikomeye.

Uyu Belushazari uvugwa aha ni wa wundi uvugwa muri Daniyeli igice cya 5. Ukurikije uko ibintu byagiye bikurikirana, iki gice kibanziriza igice cya 5; nyamara hano kugira ngo umugabane w'igitabo uvuga amateka ujye ukwawo, ntabwo ibyo gukurikirana kw'ibintu kwitaweho.

UMURONGO WA 2 2 Nuko Daniyeli aravuga ati "Mu byo neretswe nijoro, nagiye kubona mbona imiyaga ine yo mu ijuru ihubukira ku nyanja nini. 3 Muri iyo nyanja havamo inyamaswa nini enye, zidasangiye ubwoko.

Daniyeli Avuga iby'Iyerekwaga rye Bwite.—Imvugo yo mu Byanditswe byera yose ikwiriye gufatwa nk'uko iri, keretse gusa umuntu aramutse afite impamvu nziza ituma afata ko ari imvugoshusho yakoreshejwe. Ikintu cyose kigaragara ko ari imvugoshusho kigomba gusobanurwa mu mvugo isanzwe. Kuba imvugo yakoreshejwe ahangaha ari imvugoshusho, bigaragara neza uhereye ku murongo wa 17, ahavuga ngo: «Izo nyamaswa nini uko ari enye, ni bo bami bane bazaduka mu isi.» Kuba ubwami ari bwo bugenderewe aho kuba abami ubwabo, bigaragara neza uhereye ku ijamba rivuga ngo: "Nyamara abera b'Isumbabyose bazahabwa ubwo bwami." Mu gusobanura umurongo wa 23, marayika yaravuze ati: "Inyamaswa ya kane izaba ubwami bwa kane ku isi." Ku bw'ibyo rero, inyamaswa zishushanya ubwami bune bukomeye. Uko ibintu byari bimeze mu gihe izo nyamaswa zadukaga nk'uko bigaragara mu buhanuzi, na byo bivugwa mu buryo bw'imvugoshusho. Amashusho yakoreshejwe ni imiyaga ine, inyanja, inyamaswa enye nini, amahembe icumi, n'irindi hembere ryari rifite amaso n'akanwa ryahagurutse rikarwanya Imana n'abantu bayo. icyo dukwiriye kwibaza noneho ni icyo bisobanura.

Mu mvugo y'amarenga imiyaga isobanura impagarara, imvururu mu bya politiki, n'intambara, nk'uko tubisoma mu gitabo cy'umuhanuzi Yeremiya ngo: "Uku ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga ati "Dore ibyago bizava mu ishyanga rimwe bitere irindi, kandi inkubi ikomeye izaturuka ku mpera z'isi." Uwo munsu abishwe n'Uwiteka bazaba hose uhereye ku mpera y'isi ukageza ku yindi, ntibazaririrwa, cyangwa ngo bakoranywe habe no guhambwa, bazaba nk'amase ari ku gasozi." (Yeremiya 25:32, 33). Umuhanuzi avuga iby'intambara Uwiteka azarwana n'amahanga yose. Impagarara n'imvururu bizatuma uku kurimbuka kubaho byitwa "incubi ikomeye."

Kuba imiyaga isobanuye impagarara n'intambara bigaragara mu iyerekwa ubwaryo. Nk'ingaruka yo guhuha k'umuyaga, ubwami burima bugahanguka bitewe n'impagarara za politiki.

Inyanja, cyangwa amazi, iyo bikoreshejwe nk'imvugoshusho ya Bibiliya, byerekana amoko y'abantu, n'amahanga, n'indimi. Marayika yabwiye umuhanuzi Yohana ati: "Ya mazi wabonye ...ni yo moko n'amateraniryo y'abantu n'amahanga n'indimi." Ibyahishuwe 17:15.

Ubusobanuro bw'imvugoshusho y'inyamaswa enye, Daniyeli abuhabwa mbere yuko iyerekwa rirangira: "Izo nyamaswa nini uko ari enye, ni bo bami bane bazaduka mu isi." Umurongo wa 17. Tumaze kubona ubusobanuro bw'ibi bimenyetso, noneho iyerekwa rihita ridusobanukira rwose.

Noneho ubwo izi nyamaswa zivugaga abami bane, cyangwa se ubwami bune, turabaza tuti: «Tuzatangirira he, kandi ubwami bune buvugwa ni ubuhe?» Izi nyamaswa zaduka mu buryo bukurikiranye, kubera ko zitondagurwa zikurikiranywa uhareye ku ya mbere ukageza ku ya kane. Iya nyuma izaba iriho mu gihe ibintu byose bibera ku isi bishyirirwaho iherezo mu rubanza ruheruka. Guhera mu gihe cya Daniyeli ukageza ku iherezo ry'amateka y'isi, hagombaga kubaho ubwami bune gusa buteguka isi, nk'uko twabibonye mu nzozi zigishushanyo kinini umwami Nebukadinezari yarose muri Daniyeli 2, zari zarasobanuwe n'uyu muhanuzi mu myaka 65 yari ishize. Mu gihe cy'ubwami bwari buhagarariwe n'umutwe w'izahabu Daniyeli yari akiriho.

Ku bw'ibyo rero, inyamaswa ya mbere muri iri yerekwa igomba kuba ari bwa bwami buhagarariwe n'umutwe w'izahabu wo kuri cya gishushanyo kinini, ari bwo bwami bwa Babuloni. Nta gushidikanya izindi nyamaswa zihagarariye ubwami bwagiye busimbura bukurikiye Babuloni nk'uko bigaragazwa n'igishushanyo. Ariko niba iri yerekwa ribumbatiye by'umwihariko igihe kimwe n'igikubiye mu gishushanyo cyo muri Daniyeli 2, ikibazo nk'iki gishobora kuvuka: Ni kuki iri yerekwa ryatanze? Kuki ririya yerekwa rya mbere ritari rihagiye? Dusubiza tugira tuti: "Amateka y'ubwami bwo mu isi agenda asubirwamo inshuro nyinshi kugira ngo hagaragazwe ibindi byaburanga, ndetse n'ibindi bihamya byabwo n'ibimenyetso bishobore kugaragazwa." Ni yo mpamvu dufite "umurongo

ku murongo” nk’uko Ibyanditswe bibivuga. Mu gice cya 2, ibijyanye na politiki y’ubutegetsi bw’isi ni byo bihavugwa byonyine. Hano ubutegetsi bw’ibihugu byo ku isi buvugwa herekanwa isano bufitanye n’ukuri kw’Imana n’ubwoko bwayo. Kamere yabwo nyakuri yerekanwa n’amashusho cyangwa ibimenyetso by’ibikoko byo mu ishyamba bishonje.

UMURONGO WA 4 Iya mbere yasaga n’intare, ifite amababa nk’ay’ikizu. Nyihanga amaso kugeza aho amababa yayo ashikurijwe igahagarikwa ku isi, ihagarika amaguru yemye nk’umuntu kandi ihabwa umutima nk’uw’umuntu.

Intare.—Mu iyerekwa ryo muri Daniyeli 7, inyamaswa ya mbere umuhanuzi yabonye yari intare. Kugira ngo umenye imikoresherezwe y’intare nk’ikimenyetso, soma Yeremiya 4:7; 50:17, 43, 44. Intare yabonetse bwa mbere muri iri yerekwa dufite imbere yacu, yari ifite amababa nk’ay’ikizu. Imikoresherezwe y’ijambo “amababa” mu buryo bw’imvugoshusho isobanurwa mu buryo bushimishije mu gitabo cya Habakuki 1:6-8, ahavuga ko Abakaludaya bagombaga “kuguruka nka Kagoma [ikizu] yihutira gushiha inyama.”

Duhereye kuri aya mashusho, dushobora kwanzura mu buryo bworoshye tuvuga yuko Babuloni bwari ubwami bw’imbaraga nyinshi, kandi ko mu gihe cy’ubutegetsi bwa Nebukadinezari, aho batsindaga bakahigarurira hariyongeraga vuba cyane. Ariko haje kubaho igihe maze amababa arashikuzwa. Ntibwabaye bucyihutira gufata umuhigo wabwo nk’igisiga. Ubutwari n’umutima w’intare byari byaragiye. Umutima nk’uw’umuntu—(w’umunyantegenke, unanirwa, kandi ugacogora)—wasimbuye imbaraga z’intare. Uko ni ko iryo shyamba ryaje kumera mu myaka isoza amateka yaryo, igihe ryari rimaze gucika intege no gutindahara biciye mu by’ubukungu no gushaka ibinezeza.

UMURONGO WA 5 “Ndongera mbona indi nyamaswa ya kabiri isa n’idubu yegutse uruhande rumwe, kandi yari itambitse imbavu eshatu mu mikaka yayo. Barayibwira bati ‘Byuka uconshomere inyama nyinshyi.’

Idubu.—Nk’uko biri ku gishushanyo cyo muri Daniyeli 2, ni ko bimeze no muri uru rukurikirane rw’amashusho. Hagenda habaho gutakaza agaciro mu buryo bugaragara uko tugenda tuva ku bwami tukajya ku bundi. Ifeza yari ikoze igituza n’amaboko by’igishushanyo bifite agaciro gato ku k’izahabu yo ku mutwe w’[igishushanyo]. Idubu iri muni y’intare. Abamedi n’Abaperesi ntibashoboraga gushyikira Babuloni mu bijyanye n’ubutunzi, ubwiza, n’ubuhanga. Idubu yari yiyeguye uruhande rumwe. Ubwami bwari bugizwe n’amahanga abiri: Abamedi n’Abaperesi. Uko kuri na none kwerekanwa n’amahembe abiri y’impfizi y’intama iboneka muri Daniyeli 8. Aya mahembe avugwaho ko irirerire muri yo ari ryo ryameze nyuma, ndetse no ku idubu, bikavugwa ko idubu yiyeguye uruhande rumwe. Ibi byasohojwe n’igice cy’Abaperesi nka bamwe mu bari bagize ubwo bwami, kuko nubwo baje nyuma, nibo bigaragaje cyane, bahinduka abantu bafite

ijambo rikomeye muri iryo shyamba. (Reba ubusobanuro kuri Daniyeli 8:3). Nta gushidikanya imbavu eshatu zisobanura intara eshatu ari zo Babuloni, Lidiya na Egipta zakandamijwe n'Abamedi n'Abaparesi. Itegeko rivuga ngo "Byuka uconshomere inyama nyinshi" rigomba kuba rirengurira ku mwete Abamedi n'Abaparesi batewe n'uko bari bamaze kwigarurira izi ntara. Kamere y'imbaraga zabo igaragazwa neza n'ishusho y'idubu. Abamedi n'Abaparesi bari abantu bakunda kumena amaraso, kurundanya ubutunzi, gusahura no kwangiririza abandi bantu. Ubu bwami bw'Abamedi n'Abaparesi bwakomeje kubaho uhereye igihe Kuro yatsindaga ubwami bwa Babuloni maze burakomeza bugeza igihe cy'urugamba rwabereye ahitwa Arbela muri 331 Mbere ya Kristo, bukaba bwaramaze imyaka 207 yose.

UMURONGO WA 6 "Hanyuma y'ibyo mbona indi nyamaswa isa n'ingwe, ku mugongo wayo yari ifite amababa ane asa n'ay'igisiga, kandi yari ifite imitwe ine, ihabwa ubutware.

Ingwe.—Ubwami bwa gatatu, ari bwo bw'Abagiriki, hano bushushanywa n'ingwe. Niba amababa yo ku ntare yarasobanuraga kwihuta mu kwigarurira ibihugu, akwiriye na none gusobanura ikintu kimwe n'icyo kuri iyi ngwe. Ingwe ubwayo ni nyamaswa ifite amaguru yihuta cyane, ariko ibyo ntibyari bihagije kugira ngo byerekane imikorere y'ishyamba rishushanywa ahangaha. Hejuru y'ibyo, iyi ngwe yagombaga no kugira amababa. Amababa abiri intare yari ifite ntahagije, ingwe igomba kugira amababa ane. Iki cyagombaga kwerekana ukwihuta kutigeze kubaho mbere hose mu ngendo, nk'uko tubona kwaranze amateka y'ubwami bw'Abagiriki. Kwigarurira ibihugu kw'Abagiriki igihe bari bayobowe na Alegizandere nta kundi kwabayeho wabigereranya witaye ku kwihuta no gukorwa vuba. Ibyo yagezeho mu bya gisirikare bivugwa na W.W. Tarn muri aya magambo:

"Yari umuhanga mu guhuriza hamwe intwari zitandukanye; yigishije abari mu isi inyungu ziri mu gushoza urugamba mu gihe cy'ubukonje bwinshi, akamaro ko kurushaho gutera intambwe ujya mbere, n'ihame ryo 'kugenda mwigabanyije amatsinda, nyamara mukarwanira hamwe.' Ibihe byinshi yagendaga yagabanyije ingabo mu imitwe ibiri, umutwe wa mbere ari uwo gukoma imbere umwanzi, hanyuma umutwe wa kabiri [uwo yabaga arimo] ukaba ari uwo gutegura inzira; ukwihuta kwe kwari kudasanzwe. Bivugwa ko yemeraga ko intsinzi yayikeshaga 'kudatega ejo hazaza icyo agomba gukora none.' ... Intera ndende yagenze mu bihugu atari azi yerekana ubushobozi buhanitse yari afite bwo gushyira ibintu kuri gahunda; mu myaka icumi, yagize gucika intege gukomeye inshuro ebyiri gusa. ... Iyo haza kubaho umuntu w'umunyantegenke kuri we wagerageje ibyo yagezeho, twajyaga kuba twarumvise iby'ibibazo byinshi bituruka ku gutangiza urugamba udafite ibyiringiro."²³

23 *The Cambridge Ancient History*, Vol. VI, pp. 425, 426. By permission of Macmillan Company, publishers in United States.

“Iyo nyamaswa kandi yari ifite imitwe ine.” Ubwami bw’Abagiriki bwakomeje kugira ubumwe igihe cyose Alegizandere yari akiriho. Nyuma y’uko igihe cy’umurimo we wabaye ingenzi kirangiye, agapfa azize umuriro mwinshi waturutse ku kunywa inzoga nyinshi n’ubusambanyi, ubwami bwagabanyijwe abajenerali be bane bari basanzwe ari abayobozi. Kasanderi (Cassander) afata Makedoniya n’Ubugiriki bw’uburengerazuba; Lisimakusi (Lysimachus) afata Thrace n’ibice byo muri Aziya bihereranye na Hellespont na Bosphorus mu gice cy’amajyaruguru; Putolemi (Ptolemy) afata Egiputa, Lidiya, Arabiya, Palestina na Coele-Syria mu ruhande rw’amajyepfo; noneho Seleкуси (Seleucus) afata Siriya n’ahandi hasigaye hose Alegizandere yayoboraga ho mu burasirazuba. Mbere gato y’umwaka wa 301 M.K., mu gihe cy’urupfu rwa Antigonos, ubwami bwa Alegizandere bwari bumaze kwigabanywa n’abajenerali be mu buryo bwuzuye.²⁴ Uku kwigabanyamo kwashushanywaga n’imitwe ine y’ingwe.

Uko ni ko amagambo y’umuhanuzi yasohoye rwose nk’uko ari. Nonese ko Alegizandere yari apfuye nta musimbura asize, ni kuki ubwami bwe butigabanyijemo uduce twinshi? Kuki bwigabanyijemo ibice nine gusa ntibirenge?—Ni kubw’impamvu ubuhanuzi bwari bwarabonye kandi bwaravuze mbere bitaraba. Ingwe yari ifite imitwe ine, isekurume y’ihene yari ifite amahembe ane, ubwami bwagombaga kwigabanyamo imigabane ine; kandi ni ko byagenze. (Niba ushaka kumenya ibiruseho, reba ubusobanuro bwatanze kuri Daniyeli 8).

UMURONGO WA 7 “Hanyuma y’iby nitegereje mu byo neretswe nijoro, mbona inyamaswa ya kane iteye ubwoba y’inyamaboko n’imbaraga byinshi cyane. Yari ifite imikaka minini y’ibyuma, iconshomera ibintu irabimenagura, ibisigaye ibisiribangisha amajanja yayo. Ariko yari ifite itandukaniro n’izindi nyamaswa zose zayibanjirije, kandi yari ifite amahembe cumi.

Inyamaswa Iteye Ubwoba.—Ibyahumetswe ntabwo byabonye inyamaswa mu byaremwe yashushanywa n’ubutegetsi buvugwa ahangaha. Inyamaswa ziboneka mu byaremwe ntabwo zifite ibinono, umutwe, amahembe, amababa, amagaragamba, imikaka cyangwa inzara bibasha gukoreshwa mu gusobanura [ubwo butegetsi]. Ubu butegetsi butandukanye n’ubundi bwose, kandi n’ishusho yabwo itandukanye n’ikindi kintu cyose kiboneka mu bwami bw’inyamaswa.

Ishingiro ry’umuzingo riri mu murongo wa 7, ariko kubera ko umwanya wo kwandikamo ari muto, turabivuga hano muri make. Iyi nyamaswa ihura neza n’umugabane wa kane w’igishushanyo kinini—ari wo ‘amaguru y’ibyuma.’ Mu magambo y’ubusobanuro bwa Daniyeli 2:40 hatangwamo impamvu zituma twizera ko ubwo gutegetsi ari Roma. Izo mpamvu kandi zikoreshwa no kuri ubu buhanuzi tugezeho. Mbega ukuntu Roma ihura neza n’uriya mugabane w’icyuma wo ku gishushanyo! Mbega ukuntu ihura

²⁴ Ibid., pp. 461-504.

neza n'iyi nyamaswa turi kureba! Mu bwoba bwinshi itera abantu no kubakura umutima, ndetse n'imbaraga zayo, ihita ihuza mu buryo butangaje n'uburyo isobanurwa n'ubuhanuzi. Nta butegetsi bwigeze kubaho mu isi wagereranya na yo. Ikoresheje imikaka y'ibyuma, yaconshomeye ibintu kandi imenagura ibintu byose byayitambikaga mu nzira. Yahonyoreye amahanga iyahindura umukungugu wo hasi munsu y'ibirenge byayo bw'umuringa. Yari ifite amahembe icumi, asobanurwa mu murongo wa 24 ko ari abami cumi cyangwa ubwami cumi buzaduka muri ubwo bwami. Nk'uko twabibonye mu magambo yavuzwe kuri Daniyeli 2, Roma yigabanyijemo ubwami icumi. Iyo migabane icumi guhera icyo gihe yavuzwe ko ari ubwami cumi bwakomotse mu bwami bugari bwa Roma.

UMURONGO WA 8 hameze irindi hembere ritoya. Imbere yaryo hakurwa amahembe atatu mu yari asanzwe, kandi kuri iryo hembere mbonaho amaso asa n'ay'umuntu, n'akanwa kavuga ibikomeye.

Daniyeli yitaye kuri ayo mahembe. Hari ikintu gitangaje cyabaye hagati y'ayo mahembe. Irindi hembere, agahembe gato kameze muri yo: ariko nyuma karakura gasumba ayandi. Iryo hembere rito ntiranyuzwe ngo rituze maze ryibonere umwanya hagati yayo ngo riwubemo; ryagombye guhirika amwe mu yari asanzwe riyashyira ku ruhunde, maze ryigarurira imyanya yayo. Muri ubwo buryo, ubwami butatu bwakuweho.

Agahembe Gato Hagati y'Amahembe Icumi.—Aka gahembe gato, nk'uko tuzabona umwanya imbere wo kubireba neza, bwari ubupapa. Amahembe atatu yaranduwe ahagarariye Abaheluli, Abostrogoti n'Abavandali. Impamvu y'uku gukurwaho, ni uko barwanyaga inyigisho z'ubupapa n'ibyo abapapa bajyaga bigamba uko bakurikiranaga.

"Kuri iryo hembere hariho amaso ameze nk'ay'umuntu, n'akanwa kavuga ibikomeye"—ibishushanyo nyabyo byerekana uburakari bukomeye, gucengera, n'amagambo y'ubwirasi by'umuryango w'idini urangwamo ubuhakanyi.

UMURONGO WA 9 "Nkomeza kwitegereza kugeza aho bashyiriyeho intebe z'ubwami, haza Umukuru nyir'ibihe byose aricara. Imyambaro ye yeraga nka shelegi, kandi umusatsi we wasaga n'ubwoya bw'intama bwera. Intebe y'ubwami bwe yasaga n'ibirimi by'umuriro, kandi inziga zayo zasaga n'umuriro ugurumana. 10 Imbere ye hatembaga umuriro, udukumbagiza baramukoreraga kandi inzovu incuro incovu bari bamuhagaze imbere. Imanza zirashingwa, ibitabo birabumburwa.»

Urubanza.—Ubusobanuro buhanitse bugaragaza ibintu bitera umuntu ubwoba bwinshi ntibukwiriye kuboneka mu ijamba ry'Imana. Ntabwo kandi imvugoshusho yagutse kandi ngari ari yo yonyine ishobora gutuma twita ku bintu; ahubwo imiterere yabyo ubwabyo ni yo isaba umuntu kwita kuri byo ashimikiriye. Ahangaha turerekwa urubanza. Igihe cyose urubanza

ruvuzwe, rwari rukwiriye gukangura ibitekerezo bya buri wese, kubera ko abantu bose baba bitaye cyane ku bintu by'iteka ryose biruvugwamo.

Kubera ikibazo cyo gusobanura uvana mu rurimi ujya mu rundi kiri mu murongo wa 9, kandi nta gushidikanya hari igitekerezo gipfuye gishobora kumvikana. Amagambo ngo "bajugunye" (NB: muri Bibiliya y'Ikinyarwanda ni *'bashyiriyeho'*) akomoka mu ijamba ry'ururimi rw'Urukakudaya "remi" rishobora gusobanurwa neza ngo "*kujugunyana ikintu ubukana*" nk'uko ryakoreshejwe igihe *bajugunyaga* Abaheburayo batatu mu itanura rigurumana, n'igihe *bajugunyaga* Daniyeli mu rwobo rw'intare. Nyamara indi ngeri yasobanuwe neza hakoreshejwe amagambo "*gushinga cyangwa gushyiraho* mu mwanya ukwiriye", uko bashyizeho intebe z'imanza bivugwa hano, ni nk'uko bazishyizeho mu Byahishuwe 4:2, ahafite amagambo asobanura kimwe n'ayakoreshejwe mu rurimi rw'Ikigiriki. Ingeri ya Bibiliya Ivuguruye ivuga amagambo yo muri Daniyeli 7:9 neza iti "*Intebe z'ubwami zishyirwaho*" nk'uko uwitwa Gesenius asobanura umuzi w'ijamba "*remah*" agendeye kuri Daniyeli 7:9 nk'urugero.

"Umukuru nyiri ibihe byose" Imana Data, ni we ukuriye urwo rukiko. Reba neza uburyo basobanura uko ameze. Abizera ko Imana gihagararo nk'icy'umuntu ifite bagomba kwemera ko ahangaha ari Yo barimo bagaragaza isa n'ikiremnamuntu, nyamara birema agatima bavuga yuko ari uburyo Bibiliya iba ishaka gusobanuramo nka Bibiliya nyine. Ubu buryo buheruka babisobanuramo ntitubwemera; nyamara kwemera ko byaba ari ukuri, ariko se turamutse twemeye ko ari ukuri, aho mbese aho ubusobanuro buteye butya ntibwaba buteje akaga ku byo bemera nk'aho byaba bisubiwemo incuro makumyabiri? Uduhumbagiza bamukoreraga, n'inzovu inshuro inzovu bari bamuhagaze imbere, ntabwo ari abanyabyaha bari batanze umurongo imbere y'intebe y'imanza, ahubwo ni ibiremwa byo mu ijuru bimukorera, bikishimira gusohozu ubushake bwe. Yohana yabonye ibiremwa nk'ibyo bikorera Imana imbere y'intebe ya cyami y'Imana, bityo agasobanura ibyo yabonye by'agahebuzo muri aya magambo ngo: "Ndareba numva ijwi ry'abamarayika benshi bagose ya ntebe na bya bizima na ba bakuru, umubare wabo wari inzovu incuro inzovu n'uduhumbi n'agahumbagiza." (Ibyahishuwe 5:11). Kugira ngo usobanukirwe byuzuye n'iyi mirongo bisaba ko umuntu yaba asobanukiwe n'imirimu yakorerwaga mu buturo bwera.

Gusozu k'umurimo wa Kristo, Umutambyi wacu Mukuru mu buturo bwera bwo mu ijuru, ni byo bivugwa aha nk'umurimo w'urubanza. Ni urubanza kagenzuzi. Ibitabo birabumburwa, maze iby'abantu bose bigasuzumirwa imbere y'urukiko rukomeye, kugira ngo hemezwe mbere hose abagomba guhabwa ubugingo buhoraho igihe Umwami wacu azaba aje kugororera ubwoko bwe. Bizagaragara mu buhamya tuzabona muri Daniyeli 8:14 yuko uwo murimo ukomeye uri gukorwa magingo aya mu buturo bwera bwo mu ijuru.

UMURONGO WA 11 "Uwo mwanya ndangarira ijwi rya rya hembere ryavugaga amagambo akomeye. Nkomeza kwitegereza aho ya nyamaswa

yiciwe, umubiri wayo ukarimburwa igatabwa mu muriro igatwikwa. 12 Za nyamaswa zindi zinyagwa ubutware bwazo, ariko zirekerwa ubugingo bwazo kugira ngo zimare igihe zategetswe kumara.

Iherezo ry'Inyamaswa ya Kane. –Hariho abizera ko abakiranutsi bazamara imyaka igihumbi bategeka iyi si mbere yuko Kristo agaruka. Hari n'abandi bizera ko hazaba igihe cy'imbabazi [cyo kwemererwamo] kizakurikira kugaruka kwa Yesu, ngo icyo gihe abakiranutsi bazaba bambitswe kudapfa bakazaba babwiriza ubutumwa bwiza abanyabyaha bazaba bacyambaye umubiri upfa, ngo maze babayobore mu nzira y'agakiza. Nta n'imwe muri izi nyigisho ishobora kwemezwa ko ari ukuri hifashishijwe Bibiliya nk'uko tuzabibona.

Inyamaswa ya kane iteye ubwoba irakomeza bidasabye ko ihindura imico yayo, kandi agahembe gato kagakomeza kuvuga amagambo yo gutuka Imana, kagundiriye miliyoni nyinshi z'abantu baramya Imana mu buhumyi bwo kwibwira ko buzacyana ayandi, kugeza igihe iyo nyamaswa izajugunywa mu muriro ugurumana. Uku ntabwo ari uguhinduka kwayo, ahubwo ni ukurimbuka kwayo. (Reba 2 Abatesalonike 2:8).

Ntabwo inyamaswa ya kane ikomeza kubaho nyuma yuko inyazwe ubutware bwayo, nk'uko byagendekeye inyamaswa zayibanjirije. Zanyazwe ubutware bwazo ariko zirekerwa ubugingo bwazo kugira ngo zimare igihe zategetswe kumara. Ahantu n'abantu ubwami bwa Babuloni bwategekaga byakomeje kubaho, nubwo byagiye mu butware bw'Abaperesi. Uko ni ko byagenze no ku bwami bw'Abaperesi basimbuwe n'Abagiriki, n'Abagiriki basimburwa n'Abaroma. Ariko se ni iki gisimbura ubwami bwa kane? Nta butegezi cyangwa Leta abantu bapfa bafitemo umugabane izabukurikira. Ubutegezi bwayo buzasoreza mu Nyanja yaka umuriro, kandi nta kundi kongera kubaho nyuma y'icyo gihe. Intare yazimiriyeye mu idubu, idubu izimirira mu ngwe, ingwe na yo izimirira mu nyamaswa ya kane. Nyamara inyamaswa ya kane nta yindi nyamaswa izimiriramo. Izajugunywa mu nyanja yaka umuriro.

UMURONGO WA 13 “Hanyuma nkitegereza ibyo neretswe nijoro, mbona haje usa n'umwana w'umuntu aziye mu bicu byo mu ijuru, aza umujyho umwe asanga wa Mukuru nyir'ibihe byose, bamumugeza imbere. 14 Nuko ahabwa ubutware n'icyubahiro n'ubwami, kugira ngo abantu b'amoko yose y'indimi zitari zimwe bajye bamukorera. Ubutware bwe ni ubutware bw'iteka ryose butazashira, kandi ubwami bwe ni ubwami butazakurwaho.

Umwana w'Umuntu Ahabwa Ubwami Bwe.—Ibivugwa ahangaha ntabwo ari ukugaruka kwa Kristo aje kuri iyi si kubera ko Umukuru Nyir'ibihe byose atari kuri iyi si, kandi ukuza kuvugwa hano ni uk'Umukuru nyir'ibihe byose. Aho imbere ya Se, ubutware, icyubahiro n'ubwami bihabwa Umwana w'umuntu. Kristo ahabwa ubwami mbere yuko agaruka kuri iyi si. (Reba muri Luka 19:10-12). Kubw'ibyo rero, ibivugwa aha ni

ibintu bibera mu ijuru, kandi byegeranye cyane n'ibivugwa mu murongo wa 9 n'uwa 10. Kristo ahabwa ubwami bwe ku iherezo ry'umurimo we akorera mu ijuru nk'Umutambyi Mukuru. Amoko n'amahanga azamukorera ni abacunguwe (Ibyahishuwe 21:24), ntabwo ari amahanga y'abanyabyaha yo ku isi, kubera yuko aba bazarimbura n'ubwiza bwo kuboneka kwa Kristo igihe azaba agarutse. Zaburi 2:9; 2 Abatesalonike 2:8). Mu mahanga yose, amoko yose n'imiryango yose yo ku isi hazaturuka abakorera Imana bishimye kandi banezerewe. Bazaragwa ubwami bw'Umwami wacu.

UMURONGO WA 15 "Jyewe Daniyeli ibyo neretswe bintera agahinda mu mutima, birambabaza cyane. 16 Nyuma negera umwe mu bari bahagaze aho mubaza amashirakinyoma y'ibyo byose, arabimbwira ansobanurira impamvu zabyo 17 ati 'Izo nyamaswa nini uko ari enye, ni bo bami bane bazaduka mu isi. 18 Ariko abera b'Isumbabyose bazahabwa ubwo bwami babuhindure, bube ubwabo iteka ryose."

Daniyeli Asobanurirwa Ibyo Yeretswe. –Ntidukwiriye gushaka gusobanukirwa ukuri kw'ibintu ku rugero ruri munsu y'urwo Daniyeli yabishakagaho. Duhamirizwa yuko nidusaba tubikuye ku mutima, tuzabona ko Uwitaka yiteguye kutuyobora ku gusobanukirwa nyakuri uku kuri kw'ingenzi nk'uko byari bimeze mu gihe cy'umuhanuzi. Inyamaswa n'ubwami zihagarariye byarangije gusobanurwa. Twakurikiye umuhanuzi dukurikije uko ibintu byagiye bikurikirana, ndetse tugera no ku kurimbuka kw'inyamaswa ya kane, no guhanguka guheruka kw'ingoma zo mu isi. Nyuma yaho, ibintu birahinduka, kubera ko dusoma ibi ngo: "Abera ... bazahabwa ubwami." Umurongo wa 18. Abera! Abasuzugurwaga, bagatukwa, bagatotezwa, bagacibwa; bafatwaga nk'insuzugurwa hanyuma y'abandi bese ntibigere babona ko ibyiringiro byabo bizasohora—aba noneho bazahabwa ubwami, maze bube ubwabo iteka ryose. Kuriganya no gutegeka nabi by'abanyabyaha bizagira iherezo. Umurage bari barajimije kubera icyaha, bazawugarurirwa. Amahoro no gukiranuka bizahoraho iteka mu isi yose yagizwe nshya.

UMURONGO WA 19 "Mperako nifuza kumenya amashirakinyoma y'iby'inyamaswa ya kane itasaga n'izindi zose, yari iteye ubwoba cyane bitavugwa, ifite imikaka y'ibyuma n'inzara z'imiringa ari yo yaconshomeraga ibintu ikabimenagura, ibisigaye ikabisiribangisha amajanja yayo. 20 Kandi nifuza kumenya iby'amahembe cumi yari ku mutwe wayo, n'iby'irindi hembe ryameze atatu asanzwe akarandurwa imbere yayo, ari ryo rya hembe ryari rifite amaso n'akanwa kavuga ibikomeye, ryarushaga ayandi gukomera.

Ukuri ku Nyamaswa ya Kane. –Daniyeli yagize gusobanukirwa kuzuye ku birebana n'inyamaswa eshatu za mbere. Ariko inyamaswa ya kane yaramutangaje kubera imico yayo idasanzwe kandi iteye ubwoba. Kubw'iyi nyamaswa n'amahembe yayo icumi, by'umwihariko agahembe gato kameze nyuma, ka kandi "kaje gukura kakaruta ayandi yose", ni bwo Daniyeli yifuje

kugira andi makuru ahabwa. Intare ni inyamaswa yo mu byaremwe, nyamara igomba kongerwaho amababa abiri kugira ngo ibashe gushushanya ubwami bwa Babuloni. Idubu na yo tuyibona mu byaremwe, ariko kugira ngo ishushanye ubunyamaswa budasanze bw'Abamedi n'Abaperesi, igomba kugira imbavu eshatu zitambitse mu kanwa kayo. N'ingwe na yo ni inyamaswa yo mu byaremwe, ariko kugira ngo ishushanye rwose Abagiriki, igomba kugira amababa ane kandi ikongerwa indi mitwe itatu. Mu byaremwe, nta shusho twabonamo yashushanya mu buryo bukwiriye ubwami bwa kane. Iyerekwaho rituzanira inyamaswa ifite ishusho itarigeze iboneka mbere y'icyo gihe, inyamaswa ishishana kandi iteye ubwoba, ifite inzara z'umuringa, n'imikaka y'ibyuma, y'inyambaraga, yirundanyirizaho ibintu byose, y'inyamwaga ku buryo kubera gukunda kurenganya iconshomera, kandi ikamenagura ibintu byose, ndetse ibisigaye ikabisiribangisha amajanja yayo.

Nubwo ibi byari byahagaritse umutima umuhanuzi, hari ikindi kintu cyigaragazaga cyane ku buryo cyatwaye ibitekerezo bye. Agahembe gato karamaze, kandi koko kamere yako yasaga n'iy'inyamaswa kari kamezeho; bityo kahiritse andi mahembe atatu mu yari asanzwe. Dore re! Agahembe kari gafite amaso, ya yandi atari ay'igikoko kidafite ubwenge, ahubwo ni amaso y'umuntu ufite ubwenge, ushyira mu gaciro kandi ufite intego. Nyamara igitangaje kurushaho, kari gafite akanwa, kandi ako kanwa yawukoreshaga mu kuvuga amagambo y'ubwibone, ndetse kakirata iby'ubwenge n'ubwibone kakoze. Nta gitangaje kubona ko umuhanuzi yasobanuye iby'iyi nyamaswa idasanze, itandukanye n'izoku isi mu bwenge bwayo, kandi idasanze ku isi, imikorere n'inzira zayo ari ibya kidayimoni. Mu mirongo ikurikira, ibintu bimwe biranga agahembe gato byaratanze ku buryo byafasha umwigishwa w'ubuhanuzi guhuza ishusho n'icyo isobanura nta ngorane yo kwibeshya ibayeho.

UMURONGO WA 21 "Maze mbona iryo hembe rirwanya abera ryenda kubanesha, 22 kugeza aho Umukuru nyir'ibihe byose yaziye agatsindishiriza abera b'Isumbabyose. Igihe kirasohora abera bahabwa ubwami."

Agahembe Gato Karwanya Abera. –Umujinya utangaje agahembe gato kagiriye abera, watumye Daniyeli abihugukira mu buryo budasanze. Kwaduka kw'amahembe icumi, cyangwa kwigabanya kwa Roma igahindukamo ubwami icumi hagati y'umwaka wa 351 n'umwaka wa 476 Nyuma ya Kristo twarangije kukubona mu magambo avugwa muri Daniyeli 2:41.

Nk'uko aya mahembe yerekana ubwami, ni ko aka gahembe gato kagomba na ko kwerekana ubwami, nyamara ubwo bwami bukaba budafite kamere zimwe, kubera ko kari *gatanukanye* n'ayandi. Bwari ubwami mu bya pilitiki. Noneho dukwiriye kwibaza niba guhera muri 476 Nyuma ya Kristo (N.K.), hari ubwami bwaba bwaradutse muri ya migabane icumi y'ubwami bwa Roma, ubwo bwami bukaba bwari butandukanye n'ubundi bwose; kandi niba buhari, bwaba ari ubuhe? Igisubizo ni 'Yego', ni ubwami

bwo mu by'umwuka bw'Ubupapa. Bwujije ibivugwa byose kuri iriya shusho ibuhagarariye, nk'uko tuzabibona uko turushaho kujya mbere.

Daniyeli yitegereje ubwo butegetsi abona burwanya abera. Mbese intambara nk'iyi yaba yarigeze irwanwa n'ubupapa? Igisubizo kiboneka muri miliyoni nyinshi z'abishwe bahorwa kwizera kwabo. Nimurebe namwe itoteza ryari ryuzuye ubugome ndengakamere ryakorewe Abawalidensi [Abavowuda], Abalbijense n'Abaprotestanti muri rusange, rikozwe n'ubutegetsi bw'ubupapa.

Mu murongo wa 22 tuhabona ibintu bitatu byabaye mu buryo busa n'aho bikurikirana. Ukomeje kureba guhera igihe agahembe gato kari kamaze gukura kagakomera kugera ku musozo w'intambara ikomeye imaze igihe hagati y'abera na Satani afatanyije n'ingabo ze, Daniyeli avuga ibintu bitatu byigaragaza cyane byabaye, bikaba biriho nk'ibyapa byo ku muhanda:

Ukuza k'Umukuru nyir'ibihe byose, bishatse kuvuga umwanya Yehova afata mu gutangiza urubanza ruvugwa mu murongo wa 9 n'uwa 10.

Urubanza ruhabwa abera, ni ukuvuga igihe abera bazicarana na Kristo mu rubanza imyaka igihumbi izakurikira umuzuko wa mbere (Ibyahishuwe 20:1-4), bakagera abanyabyaha ibihano bazahabwa bikwiranye n'ibyaha byabo. icyo gihe abishwe bahorwa kwizera Imana kwabo bazicara bacire imanza ubutegetsi bukomeye bwabarenganyije, bwa bundi bwabahigaga nk'inyamaswa zo mu butayu mu gihe cyo kugeragezwa kwabo, kandi bukamena amaraso yabo nk'umena amazi.

Igihe abera bazahabwa ubwami, ni ukuvuga igihe bazahabwa isi nshya. icyo gihe iherezo ry'ibimenyetso bya nyuma by'umuvumo w'icyaha, n'abanyabyaha, umuzi wabo ndetse n'ishami ryabo, bizaba byakuweho. Iyi si yategetswe nabi igihe kirekire n'abategetsi babi bo ku isi, ari bo banzi b'ubwoko bw'Imana, izahabwa abakiranutsi kugira ngo ibe iyabo by'iteka ryose. (1Abakorinto 6:2,3; Matayo 25:34).

UMURONGO WA 23 "Maze wa wundi arambwira ati 'Iyo nyamaswa ya kane izaba ubwami bwa kane ku isi, kandi buzaba budasa n'ubundi bwami bwose, buzaconshomera isi yose buyisiribange, buyimenagure. 24 Kandi ayo mahembe cumi, muri ubwo bwami hazakomokamo abami cumi. Hanyuma yabo hazaza undi mwami, ariko we ntazaba asa n'abo ba mbere kandi azanesha abami batatu. 25 Ni we uzavugaga ibyo kugomera Isumbabyose, kandi azarenganya abera b'Isumbabyose. Azigira inama zo guhindura ibihe n'amategeko, kandi bizarekerwa mu maboko ye kugeza aho igihe n'ibihe n'igice cy'igihe bizashirira. 26 Hanyuma urubanza ruzashingwa, bazamunyaga ubutware ngo babumareho burimburwe kugeza ku mperuka.

Kwaduka kw'Agahembe Gato n'Umurimo Kakoze.—Bishoboka rwose ko ibihagije byavuzwe bijyanye n'inyamaswa ya kane (Roma) n'amahembe yayo icumi, cyangwa ubwami icumi bwavutse muri ubwo butegetsi. Noneho

ubu mu buryo bw'umwihariko, tugiye kwita ku gahembe gato. Nk'uko byavuzwe mu magambo y'ubusobanuro ku murongo wa 8, tubona ugusohora k'ubuhanuzi burebana n'agahembe gato mu kugwiza ububasha k'ubupapa no mu murimo bwakoze. Kubw'ibyo rero, birasaba kubyitaho no kubiha agaciro kugira ngo ubaze impamvu zabaye umuzi wo gutera imbere k'ubu butegetsi bwirataga.

Abashumba (pastor) cyangwa abayobozi bakuru b'itorero (bishops) rya Roma bahabwaga icyubahiro kiri ku rwego rw'umujyi babarizwagamo. Mu binyejana bike bitangira igihe cya Gikristo, Roma yari umujyi munini cyane, ukize kurusha indi kandi ufite imbaraga kurusha iyindi mijyi yose yari mu isi. Wari icyicaro cy'ubwami, ukaba n'umurwa mukuru w'amahanga. Uwitwa Julian yavuze ko "Abaturage b'isi bose ari ab'uwo murwa; kandi uwitwa Claudian atangaza ko ari wo wari "isoko y'amategeko." Abashumba b'itorero ry'i Roma baravugaga bati: "Niba Roma ari umwamikazi w'indi mijyi, ni kuki umushumba waho ataba umwami w'abandi bayobozi b'idini?" "Ni ukubera iki Itorero ry'i Roma ritaba nyina w'amatorero yose ya Gikristo? Kuki amahanga yose ataba abana baryo, kandi ubutware bwaryo bukaba ari bwo tegeko ryabo risumba ayandi? Uwitwa D'Aubigné dukesha aya magambo aravuga ati: "Ibyo byari byoroheye umutima wifuza w'umuntu gutekereza atya. Roma yari yuzuye kwifuza ibyo yarabikoze."²⁵

Abayobozi bakuru b'idini mu bice bimwe na bimwe byo mu bwami bwa Roma bumvaga bashimishijwe no guha umuyobozi w'itorero ry'i Roma icyubahiro nk'icyo uwo mujyi wahabwaga n'amahanga yo mu isi. Bigitangira, nta kwishingikiriza kuri bene icyo cyubahiro wahabwaga. D'Aubigné akomeza agira ati: "Nyamara ubwo bubasha bwavutse ku bw'uburiganya maze burakura nk'umusozi w'urubura. Bwa mbere byatangiye acyaha bya kivandimwe, bidatinze bihinduka amategeko ava mu kanwa k'umuyobozi w'ikirenga w'itorero. ...Abayobozi b'itorero mu gice cy'uburengerazuba bashyigikiye ubu buriganya bw'abashumba b'itorero ry'i Roma, ahari bitewe n'ishyari bari bafitiye abayobozi b'itorero bo mu gice cy'uburasirazuba, cyangwa se bitewe n'uko bahisemo kuyoboka ubutware bw'ubupapa aho kuyoboka ubutegetsi busanzwe bumara igihe gito."²⁶ Izo ni zo mbaraga zagendaga zirundanya ku muyobozi w'itorero ry'i Roma, kandi mu buryo nk'ubwo ibintu byose byasaga n'aho bishyigikira ukuzamuka mu ntera kwe kwihuse kugeza ngo abe umutware mu by'umwuka w'aharanga Ubukristo hose.

Ikibazo cy'Imyizere Ivuga ko Yesu Yari Afite Kamere Imwe Gusa.—Nyamara ikinyejana cya kane cyagombaga guhura n'inzitizi yashyizwe mu nzira y'izi nzozi zo kurarikira. Ubuhanuzi bwari bwavuze ko ubutegetsi bugereranywa n'agahembe gato bwagombaga "kunesha abami batatu." Mu kwaduka no gukomera kw'imyizerere ivuga ko Yesu yari afite kamere imwe gusa, mu myaka ibanza y'ikinyejana cya kane n'ikibazo yateje ku butware

²⁵ Jean Henry Merle d'Aubigné, *History of the Reformation of the Sixteenth Century*, Vol. I, p. 8.

²⁶ *Ibid.*, p. 9.

buharaniye bw'ubupapa, ni ho tubonera impamvu zagejeje ku kurandurwa k'ubwami butatu bwo mu bwami bwa Roma y'Uburengerazuba buhanguwe n'ubutegetsu bw'ubupapa.

Uwitwaga Arius, umupadiri mukuru wa Paruwasi wo mu itorero rya kera ryari rifite imbaraga ryo muri Alexandria, yakwirakwije imyizerere ye mu isi maze ituma habaho guhangana mu itorero rya Gikristo, maze bituma hatumizwa inama nkuru rusange yabereye i Nicæa, itumijwe n'umwami w'abami Constantine mu mwaka wa 325 Nyuma ya Kristo, kugira ngo bige kandi bafatire umwanzuro inyigisho zari mu myizerere ya Arius. Arius yatsimbaraye ku nyigisho ivuga ko "Umwana [Yesu] yari atandukanye rwose na Data; ko yari uwa mbere akaba n'imfura mu biremwa Data yaremye abivanye mu busa, akaba ari yarabaye igikoresho cyakoraga umurimo wo kunganira Data Ushoborabyose mu kurema ijuru n'isi, bityo rero akaba ari munsu y'Imana Data, haba muri kamere ndetse no mu cyubahiro." Iki gitekerezo cyamaganywe n'abari bari mu nama bemezaga ko Kristo yari umwe na se mu bibagize byose. Guhera ubwo, Arius yaciriwe ahitwa Elyria, maze abayoboke be bahatirwa kwemera gukurikiza amahame yatowe kandi akandikirwa muri iyo nama.²⁷

Nyamara guhangana ukwako ntikwagombaga guhagarikwa muri ubu buryo bw'inshamake. Byamaze igihe kirekire binyeganyezwa aharangwaga Ubukristo mu isi y'icyo gihe, abayoboke ba Arius bahindutse abanzi gica ba papa n'Itorero Gatulika ry'i Roma. Byaragaragaraga ko gukwirakwira kw'iyi myizerere mishya y'Abariyani yari gukoma mu nkokora ubugatulika, kandi ko kuba Ubutaliyani n'umurwa wabwo w'ikirangirire byari biri kugwiramo abayoboke b'Abariyani byari kubera akaga gakomeye ubutware bukomeye bw'umuyobozi mukuru w'itorero Gatulika. Nyamara, ubuhanuzi bwari bwaravuze ko ihembe rishushanya ubupapa ryagombaga kugira ububasha bukomeye, kandi ryamara kugera muri uwo mwanya, rikanesha abami batatu.

Agahembe Gato Gahirika Ubwami Butatu bw'Abariyani.—Habayeho itandukaniro mu bitekerezo ku bijyanye n'ubutegetsu bwihariye bwaje guhirikwa n'ubupapa igihe bwabaga ubutegetsu bukomeye. Ku byerekeye ibi ngibi, icyo Albert Barnes avuga gisa n'aho ari ingenzi cyane. Aravuga ati: "Mu rujijo rwabayeho mu gihe cyo guhangana kw'ubwami bwa Roma, n'amakuru adafututse ku byerekeranye n'uko ibintu byagenze mu kuzamuka k'ubutegetsu bw'ubupapa, ntibyaba bitangaje niba bikomeye kubona ukuntu ubintu byagenze mu buryo busobanutse neza, bukurikiranijwe ikintu ku kindi mu buryo bwose, ugusohozwa kuzuye kandi kutarimo ikosa kw'iri yerekwa. Nyamara nubwo bimeze bityo, birashoboka kwerekana uburyo ubu buhanuzi bwashoye, umuntu akabivuga ku rwego rwiza rwite gihamba mu mateka y'ubupapa."²⁸

²⁷ See John L. Mosheim, *An Ecclesiastical History, Ancient and Modern*, Vol. I, p. 412; Arthur P. Stanley, *Lectures on the History of the Easter Church*, pp. 239, 240.

²⁸ Albert Barnes, *Notes on Daniel*, p. 324, comment on Daniel 7: 25.

Uwitwa Yosefu Mede we avuga ko ubwami butatu bwahiritswe n'agahembe gato ari Abagiriki, Abalombaridi n'Abafranki; hanyuma Isaac Newton we akavuga ko bari: Umuyobozi w'intara ya Ravenna [mu bwami bwa Bizansi mu Butaliyani], Abalombaridi, n'inteko ishingira amategeko n'agace kayoborwaga n'igikomangoma cy'i Roma. Tomasi Newton²⁹ ahakana yivuye inyuma ubu buryo bubiri bwo gukeka bumaze kuvugwa. Abafranka ntibashoboraga kuba bamwe muri ubwo bwami kuko batigeze barandurwa. Abalombaridi nabo ntibashoboraga kuba bamwe muri bo, kuko batigeze na rimwe batwarwa n'abapapa. Albert Barnes akomeza avuga ati: "Ntabwo mbona mu by'ukuri ko ubwami bw'Abalombaridi bwari mu bwami bwigaruriwe n'ubutware bw'ubupapa nk'uko abantu babifata muri rusange.³⁰ Inteko ishingira amategeko n'agace kayoborwaga n'igikomangoma cy'i Roma nabyo ntibashoboraga kuba ubwami bahanguwe n'agahembe gato, kuko bitigeze biba bumwe mu bwami icumi, bwagombaga kuvamo butatu buhiritswe n'agahembe gato.

Nyamara tubona ko ikibazo nyamukuru kiri mu byo aba basobanuzi b'ibirangirire batanze gishigiye mu mu kuba barakekaga ko ubuhanuzi bujyanye no gushyirwa hejuru k'ubupapa bwari butarasohora, kandi ko butari gusohora kugeza ubwo papa yari kuba ahindutse umwami utegeka nk'abandi bo ku isi. Kubw'ibyo rero, bashakiraga ugusohora k'ubuhanuzi mu bintu byabaye byatumye habaho ko papa agira ubutegetsu bukomeye ku isi. Nyamara biragaragara neza ko ubuhanuzi bwo ku murongo wa 24 n'uwa 25 butarengurira ku butegetsu bwe mu bya politiki, ahubwo burengurira ku bubasha bwe bwo kuyobora ibitekerezo n'umutimanama by'abantu. Ubupapa bwageze kuri uru rwego mu mwaka wa 538 N.K., nk'uko tuzabibona imbere.

Ijambo "imbere" rikoresheye mu murongo wa 8 no mu murongo wa 20, rivugira ijamba ryo mu rurimi rw'Urukakudaya *qadam*, rifite umuzi usobanura "imbere." Iyo rihujwe n'ijamba "*min*" risobanurwa ngo "imbere" nk'uko bikoresheye muri iyi mirongo ibiri, uwitwa Davidson abisobanura muri aya magambo ngo "imbere ya ya", kandi Gesenius avugira ko iryo jambo rihura n'iryo Igiheburayo "*lipna*" rivugira "imbere ya." Bityo rero, ijamba hano rikoresheye nka "imbere" rifite ubusobanuro bwerekana "ahantu" nk'uko ari ko bimeze mu murongo wa 10, nk'uko biri mu yindi ngeri ngo "avuye imbere Ye." Bityo rero, mu murongo wa 8 dufite ishusho y'agahembe gato gashakisha umwanya hagati y'andi mahembe icumi, maze kakakoresheye imbaraga mu kurandura amahembe atatu *imbere yako*. Mu murongo wa 20, bivugwa ko amahembe atatu "*yaguye*" akava imbere yaryo [ihembe rito] nk'aho yari atsinze naryo. Mu murongo wa 24, dusoma ko undi mwami, ushushanywa n'agahembe gato "*azanesha* abami batatu [amahembe]," biragaragara ko kakoresheye imbaraga. Nubwo ijamba *qadam* na none rikoresheye risobanura igihe, nk'uko n'ijamba "imbere" rikoresheye bavugira igihe mu murongo wa 7, biragoye gushidikanya ko rikoreshejwe mu

29 Thomas Newton, *Dissertation on The Prophecies*, Vol. I, pp. 275, 276.

30 Albert Barnes, *Notes on Daniel*, p. 327, comment on Daniel 7: 25.

gusobanura “ahantu” mu mironko itatu yavuzwe haruguru. Edward Elliott yemeranya rwose n’ubu busobanuro.

Aha ngaha turabagezaho icyemezo gifashwe nta mbebya ko ubutegetsu butatu, cyangwa amahembe yaranduwe ari Abaheruli, Abavandali n’Abostrogoti; kandi uyu mwanzuro ushingiyeye ku bintu bifatika byo mu mateka. Odoacer, wari umuyobozi w’Abaheruli, yari umwe mu bitwaga Ababarubaro wategetse Abaroma. Yafashe intebe ya cyami y’Ubutaliyani, mu mwaka wa 476 N.K. Ku bijyanye n’ukwizera kw’idini rye, umwanditsi Gibbon akuvugaho aya magambo akurikira ngo: “Kimwe n’abandi Babarubaro, na we yari yarishijwe iby’ubuyobe by’agatsiko k’Abariyani; nyamara abihayimana n’abepisikopi; kandi guceceka kw’Abagatulikira icyo gihe guhamya ko banyuzwe maze bakamwihanganira.”³¹

Uwo mwanditsi na none aravugaga ati: “Abostrogoti, Ababurugandiya, Abasuwevi, n’Abavandali bari barumvise ubutyoza bw’abayobozi b’idini bavugaga Ikilatini, bahisemo inyigisho zari zoroshye kuzumva z’abigisha babanaga na bo mu ngo; kandi imyizerere y’Abariyani iba ari yo yemezwa ko ari ko kwizera igihugu kigenderaho kw’abarwanyi bari bahindutse ari bo bari bicaye ku matongo y’Ubwami bwo mu Burengerazuba. Iri tandukaniro mu by’idini ritashoboraga kuvaho, ryahoraga ari isoko y’ishyari n’urwango; kandi ibirego by’Ababarubaro byarushagaho gusharira bitewe no gukoreshwaho iri jambo ribi ngo “agatsiko k’abayobye.” Abantu b’intwari bo mu majyaruguru bari baremeye gutegekwa ariko bafite gushidikanya ko abakurambere babo bose bari bari muri Gihenomu, baratangajwe kandi batenteburwa no kwiga ko na bo ubwabo icyo bahinduye ari uburyo bwo kurimbuka kwabo kw’iteka gusa.”³²

Inyigisho y’Abariyani yagize impinduka ikomeye ku itorero muri icyo gihe nk’uko biri bugaragaye mu bika bikurikira: “Imbaga nini y’abaturage bakomokaga mu Budage baje kwigarurira ubwami bwa Roma, kugeza icyo gihe bwari abakristo, bose bari bashikanye ku kwizera kwa padiri Arius wo muri Alexandria. Ingeri ya mbere y’Ibyanditswe byera yo mu rurimi rw’ikidage yakozwe n’umumisiyoneri w’Umwariyani witwaga Ulfilas. Alaric, umuntu wa mbere watsinze Roma, Alaric, uwatsinze bwa mbere Afurika, na Genseric, bose bari Abariyani. Uwitwaga Theodoric Mukuru, umwami w’Ubutaliyani, ndetse akaba intwari y’Aba Nibelungenlied [abacukuzi b’amabuye b’Abadage babaga munsu y’ubutaka], yari Umwariyani. Umwanya urimo ubusa wari mu gituro cyane cyane ahitwaga i Ravenna ni igihamba kwihorera Aborutodogisi bakoze ngo bajye bamwibuka, kuko igihe bari batsinze urugamba basenye ikibumbano gikozwe mu rutare, aho abambari be b’Abariyani bari barafungiraniye ivu rye.”³³

Umwanditsi Ranke aravugaga ati: “Ariko nk’uko bitajyaga kubura, [itorero] ryaguye mu biribuza amahwemo byinshi, maze riza kwisanga ryarahindutse

³¹ Edward Gibbon, *The Decline and the Fall of the Roman Empire*, Vol. III, chap. 36, pp. 515, 516.

³² *Ibid.*, chap. 37, p. 547.

³³ Arthur P. Stanley, *Lectures on the History of the Easter Church*, p. 151.

ryose uko ryakabaye. Ubwoko bw'abapagani bwigaruriye Ubwongereza; abami b'Abariyani bigaruriye umugabane munini wari usigaye wo mu Burengerazuba; mu gihe Abalombaridi, bari bamaze igihe barifatanyije n'Abariyani, kandi nk'abaturanyi babo bateye ubwoba ndetse b'abanyantambara, bashinze ubwami bwabo imbere y'amarembo ya Roma. Muri icyo gihe, abakuru b'itorero (bishops) b'i Roma bagabye ibitero impande zose, bakoresha imbaraga zose bakoresheje ubushishozi no kudatezuka kugirango bongere kwigarurira nibura diyoseze y'abakurambere babo."³⁴

Machiavelli avuga atya ati: "Aha umuntu yavuga ko hafi y'intambara zose Ababarubaro bo mu majyaruguru barwanye mu Butaliyani, zabaga zitewe n'abayobozi bakuru b'idini; kandi abantu batagira ingano bari buzuye igihugu, muri rusange bari bahamagawe n'abo bayobozi."³⁵

Isano n'imikoranire aba bami b'Abariyani bagiranaga na papa igaragarira mu buhamya bwa Mosheim mu mateka y'itorero yanditse muri aya magambo:

"Ku rundi ruhande, dushingiye ku nyandiko nyinshi zirusha izindi kuba umwimerere, ntibishidikanywaho ko abami b'abami n'amahanga muri rusange, batari biteguye kwihanganira umutwaro w'ububata ubuyobozi bwa papa bwahatiraga itorero rya Gikristo kwikorera kandi bukabikorana ubwirasi. Abami b'Abagoti [ubwoko bumwe bwa kera bwo mu Budage] bashyize imbibi ku bubasha bw'umuyobozi mukuru w'itorero i Roma mu Butaliyani, ntibaba bakigira uwo bemerera kuzamuka ngo abe umupapa batamwereye, kandi baba ari bo basigarana uburenganzira bwo gufata icyemezo ku kuba amatora mashya yose yakozwe mu buryo buhuje kandi bwemewe n'amategeko."³⁶

Urugero rw'igihamba cy'iyi nyandiko ruboneka mu mateka ya Odoacer, umwami wa mbere w'Abariyani wavuzwe haruguru.³⁷ Igihe Papa Simplicius yapfaga mu mwaka wa 483 N.K., itsinda ry'abayobozi b'itorero na rubanda bari bateranye ngo batore umupapa mushya, maze mu buryo butunguranye uwitwa Basilius wari umusirikari w'umuliyetona w'umwami Odoacer aba aje muri iyo nama, abasobanurira abaguye gitumo ko umurimo nk'uwo wo gutora umupapa usimbura uwapfuye ugomba gukorwa gusa ari uko ahari, ndetse mu izina ry'umwami atangaza ko ibyakozwe byose bibaye imfabusa kandi bitaye agaciro, kandi ateguka ko amatora atangira bundi bushya.

Hagati aho, Zeno wari umwami w'Uburasirazuba kandi akaba n'inshuti ya papa, yari ahagarikishijwe umutima n'ukuntu yakwirukana umwami Odoacer akava mu Butaliyani, ibyo yaje kunyurwa n'uko abigeraho bidatinze kandi bitamugoye cyane. Uwitwa Theodoric yari yarimye ingoma y'Abostrogoti muri Moesia na Pannonia [intara zo mu bwami bwa Roma].

34 Leopold Ranke, *History of the Popes*, Vol. I, p. 9.

35 Niccolo Machiavelli, *History of Florence*, p. 14.

36 John L. Mosheim, *An Ecclesiastical History, Ancient and Modern*, Vol. I, p. 113, 114.

37 See Archibald Bower, *The History of the Popes*, Vol. I, p. 257.

Igihe yari afitanye umubano mwiza na Zeno, yamwandikiye amubwira ko bitamushobokeye kugumisha Abagoti mu ntara yakeneshejwe ya Pannonia, maze amusaba uruhushya rwo kubajyana mu kandi karere karushije ako kuba keza, ako bashoboraga gutsinda bakakigarurira. Zeno yamuhaye uruhushya rwo gutera Odoacer maze akigarurira Ubutaliyani. Muri ubwo buryo, nyuma y'intambara yamaze imyaka itanu, ubwami bw'Abaheluri mu Butaliyani bwarahiritswe, maze mu buryo bw'ubugambanyi Odoacer aricwa, bityo Theodoric atuza Abostrogoti mu bunigo bw'Ubutaliyani. Nk'uko byavuzwe mbere, yari Umwariyani, kandi itegeko ryashyizweho na Odoacer rivuga ko amatora ya papa agomba kwemezwa n'umwami ryari rikiriho.

Ikintu gikurikira cyabayeho kirerekana ko ubupapa bwategekwe rwose n'ububasha bw'umwami. Abagatuliika bo mu burasirazuba bari baratangiye gutoteza Abariyani mu mwaka wa 523 N.K., maze umwami Theodoric atumiza Papa Yohani ngo amwitabe bityo amubwira amagambo akurikira: "Niba umwami w'abami [Yusitini, uwabanjirije Yusitiniyani] adashobora gutekerezwa ko bikwiriye kuvuguruza itegeko aherutse gushyiraho rirwanya abo yavugaga ko bayobya abantu [aba ni Abariyani], ni umwanzuro ukomeye nafashe wo gutangaza irindi tegeko risa n'iryo rirwanya abantu be [ni ukuvuga Abagatuliika]; kandi ngakora ku buryo rishyirwa mu bikorwa ahantu hose hashyizweho imbaraga nyinshi nk'izo akoresha. Kuri we, abatavugaga ko bafite kwizera kw'i Nice ni agatsiko k'abayobe; kandi abavugaga ko bafite uko kwizera, ni agatsiko k'abayobe kuri jye. Ikintu cyose ashobora kugira urwitwazo rwo kugirira nabi abo yita agatsiko k'abayobye, na njye kizambera urwitwazo rwo kugirira nabi abo nita agatsiko k'abayobye. Umwami arakomeza ati: 'Nyamara umwami w'abami nta muntu afite utinyuka kumubwira ku mugaragaro nta mususu ibyo atekereza, cyangwa se uwo ashobora gutege amatwi aramutse agize icyo amubwira. Nyamara icyubahiro abaha mwebwe Abapapa, nta mwanya gitanga wo gushidikanya ariko akwiriye kubatega amatwi. Kubw'ibyo rero ndagusaba guhita ujya i Konsitantinople (Constantinople), wahagera ugahakana mu izina ryawe n'iryanjye, ibyemezo by'urugomo urukiko rwaho rwahubukiye gushyira mu bikorwa. Biri mu bushobozi bwawe guhindura icyerekezo cy'umwami w'abami akareka ibyo byemezo; kandi kuva ufite ubwo bushobozi, ntugomba gutekerezwa kuzagaruka mu Butaliyani kugeza igihe utazaba umaze kubigenza utyo, oya, kugeza ubwo Abagatuliika [iri zina Theodoric arikoresha avuga Abariyani] bazaba basubijwe umudendeze wo gushyira mu bikorwa imyemerere yabo, kandi basubiye mu nsengeru zose birukanwemo.'"³⁸

Umupapa wari uhawe itegeko ry'ikubagahu kandi mu buryo butubashywe n'umwami w'abami w'Umwariyani, ryo kutazakandagira ku butaka bw'Ubutaliyani kugeza ubwo azaba amaze gushyira mu bikorwa ibyo umwami amusaba, uko biri kose ntiyashoboraga kwizera ko habaho

38 Ibid., Vol. I, p. 325.

iterambere mu guhambwa isumbwe iryo ari ryo ryose, kugeza igihe ubwo butegetsi bwari kuba bukuwe mu nzira.

Uko igice cy'abapapa cyiyumvaga ku bijyanye na Theodoric bishobora gupimirwa ku magambo twarangije kubona yerekana ukwihorera bakoze ngo bajye bamwibukiraho. Bamenaguye ikibumbano bari bavanye mu gituro cye, icyo Abayoboze be b'Abariyani bari barafungiranyemo ivu rye. Uko bamufataga byagaragajwe mu mvugo na Baronius wannyegaga Theodoric avuga ko yari umubarubaro w'umwicanyi, umubarubaro w'umunyagitugu, nk'umwariyani utubaha Imana."³⁹

Mu gihe Abagatulika bumvaga bazitiwe n'imbaraga y'umwami w'Umwariyani mu Butaliyani, ni nako barimo batotezwa bikabije n'Umuvandali w'Umwariyani muri Afurika.⁴⁰ Elliott aravuga ati: "Abami b'Abavandali ntabwo bari Abariyani gusa, ahubwo bari n'abantu batoteza Abagatulika; muri Sardiniya na Corsika mu gihe cy'Ubuyobozi bw'Umwepisikopi w'Umuroma, ndetse no muri Afurika."⁴¹

Uko ni ko ibintu byari bimeze mu mwaka wa 533 N.K, ubwo Yustiniyani yatangiraga kurwanya Abavandali n'Abagoti. Kugira ngo abone inkunga ya papa n'Abagatulika, yasohoye rya tegeko ritazibagirana ryagombaga gushyira papa hejuru akaba umuyobozi w'amatorero yose, kandi guhera igihe ryashyirirwaga mu bikorwa mu mwaka wa 538 N.K, ni bwo dushobora kuvuga ko papa yatangiye kuba umuyobozi wo mu rwego rw'ikirenga. Kandi umuntu wese uzasoma amateka y'intambara zo gushaka abayoboze zabaye muri Afurika kuva muri 533 – 534, n'iyabaye mu Butaliyani kuva muri 534 – 538, azabona ko Abagatulika ahantu hose bagaragazwa nk'abatabazi b'ingabo za Belisarius, umujenerali wa Yustiniyani.

Nyamara nta teka rimeze ritya ryashoboraga gushyirwa mu bikorwa kugeza igihe amahembe y'Abariyani yari yitambitse mu nzira akuriweho. Ariko, haje kubaho impinduka muri urwo runyurane rw'ibintu, kubera ko mu mirwano y'ingabo muri Afurika n'Ubutaliyani, ingabo zatsindaga za Belisarius zakubise inshuro Abariyani, barabajjeze cyane ku buryo abari babashyigikiye ba nyuma na bo bayoyotse.

Uwitwa Procopius avuga ko intambara yo muri Afurika yatangiye na Yustiniyani yari igamije gutabara abakristo (Abagatulika) bari baherereye muri ako karere, kandi ko igihe yavugaga iby'umugambi we kuri icyo kintu yendaga gukora, umuyobozi w'ibwami yamubaye bugufi cyane kugira ngo amubuze gusohozwa umugambi we. Ariko yaje kurota inzozo aho muri zo yategetswe "kudatinya gushyira mu bikorwa umugambi we; kubera ko mu gushyigikira Abakristo byari kumuhesha guhirika ubutegetsi bw'Abavandali."⁴²

39 Ibid., p. 328.

40 Edward Gibbon, *The Decline and the Fall of the Roman Empire*, Vol. III, chap. 37, pp. 548-552.

41 Edward B. Elliott, *Horae Apocalypticæ*, Vol. III, p. 139, Note 3.

42 Theodoret and Evagrius, *A History of the Church*, p. 399.

Mosheim aravuga ati: “Ni ukuri, Abagiriki bari barahawe amategeko yo mu Nama Nkuru y’i Nice [ni ukuvuga ayavuye mu Bagatulika], batoteje kandi barenganya Abariyani aho bashoboraga [Abagiriki] kugira imbaraga n’ubutware hose; nyamara Abanyanise bo ntabwo bafashwe n’abanzi babo [Abariyani] ku rwego rukakaye, by’umwihariko muri Afurika no mu Butaliyani, aho bakandamijwe bikomeye n’ububasha bw’Abariyani, ndetse no gusharira gutewe no kutishimira inabi bagirirwaga. Nubwo byari bimeze bityo, intsinzi y’Abariyani yabaye iy’igihe gito; kandi iminsi yo kugubwa neza kwabo yahise ishira ryose ubwo Abavandali bari birukanywe muri Afurika n’ingabo za Yustiniyani, n’Abagoti bakirukanwa mu Butaliyani.”⁴³

Elliott abivuga muri make ati: “Nshobora kuvuga *abatatu* baranduwe bakava imbere ya papa mbakuye ku rutonde rwakozwe mbere, abo ni *Abaheruli* bari bayobowe na Odoacer, *Abavandali*, ndetse n’*Abostrogoti*.”⁴⁴

Uhereye ku buhamya bushingiye ku mateka bwavuzwe haruguru, dutekereza ko bugaragaza neza ko amahembe atatu yaranduwe bwari ubutegetsu bwavuzwe ari bwo bw’Abaheruli, mu mwaka wa 493, Abavandali, mu mwaka wa 534, ndetse bwa nyuma hagataho Abositrogoti, mu mwaka wa 553, nubwo aba duherukirijeho bari babanje guhangana bihagije n’itegeko rya Yustiniyani, nyuma bakaza gucogora igihe bari birukanywe i Roma na Belisarius mu mwaka wa 538,⁴⁵ nk’uko byavuzwe ahabanza.

Agahembe Gato Kavuga Ibikomeye byo Kugomera Isumbabyose.—Mu buryo butanejeje, ubu buhanuzi na bwo bwashohojwe mu mateka y’abapapa. Bashakishije uburyo, cyangwa reka tuvuge ko bemeye guhabwa amazina y’icyubahiro, amazina n’ubundi byaba ari ugutuka Imana cyangwa kurengera bikabije aramutse ahawe na marayika w’Imana.

Lucius Ferraris, mu gitabo cye yise *Prompta Bibliotheca*, icyo Inkoranyamagambo y’Abagatulika (*Catholic Encyclopedia*) yita “Inkoranyamagambo nyakuri y’ubumenyi bw’iby’iyobokamana” ndetse n’“ikirombe cy’agaciro gakomeye gicukurwamo ukuri” avuga atya ku ngingo irebana na papa: “Papa ni umuntu ufite agaciro gakomeye cyane kandi ashyizwe hejuru cyane, ku buryo atari umuntu usanzwe gusa, ahubwo ni nk’aho ari Imana, n’umusimbura w’Imana. ... Papa afite agaciro gahanitse kandi kanini cyane, tubivuze neza, ntiyashyizwe mu rwego urwo ari rwo rwose rw’abanyacyubahiro, ahubwo yashyizwe hejuru mu bushorishori bw’izindi ngero zose z’ibyubahiro. ... Papa yitwa uwera cyane kubera ko afite uburenganzira bwo kuba yamera atyo. ...

Papa wenyine ni we ukwiriye kwitwa izina “uwera cyane” kubera ko ari we wenyine musimbura wa Kristo, ni we riba n’isoko no kuzura ko kwera kose. ... ‘Na none kandi ni umutegetsu ufite kamere y’ubumana kandi akaba umwami w’abami w’ikirenga, ndetse akaba umwami w’abami.’ ... Kubera ko papa yambaye ikamba ririmo amakamba atatu, nk’umwami w’ijuru n’isi

43 John L. Mosheim, *An Ecclesiastical History, Ancient and Modern*, Vol. I, pp. 142, 143.

44 Edward B. Elliott, *Horae Apocalypticæ*, Vol. III, p. 139, Note 1.

45 See *Student's Gibbon*, pp. 309-319.

n'utundi turere two ku rugero ruri munsu. ... Ikindi kandi, ububasha bwa papa no kuba ari umuyobozi w'ikirenga ntabwo byerekana gusa ibintu by'ijuru gusa, ahubwo n'ibyo ku isi cyangwa munsu y'isi, ahubwo na none bikora no ku bamarayika, abo arusha isumbwe. ... Ku buryo biramutse bishoboka ko abamarayika bakora ikosa mu byo kwizera, cyangwa se bagatekereza ibinyuranye no kwizera, bacirwa urubanza na papa ndetse akabasha no kubaca ... Kubera ko afite icyubahiro cyinshi cyane n'ububasha bw'inshi ku buryo we na Kristo basangiye urukiko rumwe rw'imanza. ...

"Papa ameze nk'Imana ku isi, ni we ufite ububasha ku bayoboze ba Kristo, umwami uyobora abandi bami, afite ubushobozi bwuzuye, ni we wahawe n'Imana Ishoborabyose kuyobora ubwami bw'isi, atari bwo bwonyine ahubwo ndetse n'ubwami bw'ijuru ... Papa afite ubutware bukomeye cyane ndetse n'ubushobozi ku buryo ashobora guhindura, gusobanura, no kumenyesha abantu icyo amategako y'Imana ashatse kuvuga."⁴⁶

Christopher Marcellus, igihe Inama Nkuru y'i Lateran yari iteranye ku nshuro ya gatanu, mu gihe cyo kuvuga ijamba ryo gushimira papa yaravuze ati: "Uri umushumba, uri umuganga, uri umuyobozi, uri umurinzi w'uruzabibu; ndetse uri indi Mana ku isi."⁴⁷

Na none Adamu Clarke avugaga ku murongo wa 25 aya magambo ngo: "Azavugaga nk'aho ari Imana. Mutagatifu Jerome na we asubira mu magambo ya Symmachus atyo.

Nta wundi aya magambo yavugwaho neza kandi mu buryo bwuzuye uretse abapapa b'i Roma. Bavugaga ko badashobora kwibeshya, iyo kamere kandi ni iy'Imana gusa. Bavugaga ko bababarira ibyaha, kandi ubwo bubasha ni ubw'Imana gusa. Bavugaga ko babasha gukinga kandi bagakingura ijuru, kandi ibyo byakorwa n'Imana gusa. Bavugaga ko basumba abami bose bo ku isi, ibyo na byo ni iby'Imana gusa. Barikuzaga bagasumba Imana igihe bavugaga ko bashobora kubohora amahanga yose ku ndahiro y'ubuyoboze bagiranye n'abami babo, igihe abo bami batakoze ibibashimishije. Kandi bakora ibyo kugomera Imana igihe bagurisha imbabazi z'ibyaha. Uku ni ko gutuka Imana gukabije kuba kubi kurenza ukundi kose."⁴⁸

Agahembe Gato "Karenganya Abera b'Isumbabyose."—Bisaba gusa gukora ubushakashatsi bugufi mu mateka kugira ngo ubone ko Roma yakozaga umurimo wo kurimbura itorero ry'Imana, byaba mu gihe cya kera cyane cyangwa mu Gihe cyiswe icy'umwijima. Ibihamya byinshi bishobora gutangwa byerekana ko mbere y'Ubugorizi na nyuma yabwo, intambara, ibitero by'abanyamusaraba, ubwicanyi ndengakamere, ibihano bikarishye by'urukiko rw'abagatulika b'i Roma, ndetse n'itoteza ry'uburyo bwose, byabaye uburyo bwakoreshejwe mu guhatira abantu bose kumvira ubutware bwa Roma.

⁴⁶ Translated from Lucius Ferraris, *Prompta Bibliotheca*, art. "Papa" II, Vol. VI, pp. 26-29.

⁴⁷ P. Joannis Harduin, *Acta Conciliorum*, Vol. IX, p. 1651.

⁴⁸ Adam Clarke, *Commentary on the Old Testament*, Vol. IV, p. 596, note on Daniel 7:25.

Inkuru y'itoteza ryabaye hagati y'umwaka wa 500 n'umwaka wa 1500 N.K., iteye ubwoba, ndetse dutinya cyane kuyitindaho. Ariko kugira ngo umuntu asobanukirwe neza ubu butumwa, ni ngombwa ko twiyibutsa bimwe mu byabaye muri buriya bihe bibabaje. Albert Barnes, igihe yagiraga icyo avuga kuri uyu murongo, yaravu ati:

"Mbese hari ushobora gushidikanya ko ibi ari ukuri ku bupapa? Urukiko rukuru rwa Kiliziya Gatulika y'i Roma, 'gutotezwa kw'Abawalidensi [Abavoduwa]', kurimbura gukomeye kwakozwe n'igikomangoma cy'ahitwa Alva; imiriro yakiraga ahitwa Smithfield; iyicwarubozo ryakorerwaga ahitwa Goa [ubu ni imwe muri Leta zo mu Buhinde]—mu by'ukuri amateka yose y'ubupapa yakwifashishwa nk'igihamba cyerekana ko ibi birengurira kuri buriya butegetsi. Niba hari ikintu cyakoreshejwe mu "kurenganya abera b'Isumbabyose"—kigakoreshwa kugira ngo barimburwe ku isi bityo ngo idini y'ibwirizabutumwa bwiza izimangane, icyo kintu ni itoteza ritandukanye ryakozwe n'ubutegetsi bw'ubupapa. Mu mwaka wa 1208, intambara y'abo bitaga abanyamusaraba yatangajwe na Papa Innocent wa III igendereye kurwanya Abawalidensi (Abavoduwa) n'Abalibijensi, kandi iyo ntambara yatikiyemo miliyoni y'abantu. Uhereye mu ntangiriro z'ubutegetsi bw'Abajeziwiti, mu mwaka wa 1540, ukageza mu mwaka wa 1580, abantu ibihumbi 900 barishwe. Abantu ibihumbi 150 bishwe n'Urukiko rwa Roma mu gihe cy'imyaka 30. Mu bihugu bya Neerlande, Ububiligi na Luxembourg, abantu ibihumbi 50 bishwe bamanitswe, abandi bagacibwa imitwe, abandi bagatwikwa, abandi bagatwikwa ari bazima, baregwa ko ari abayobe. Ibyo byabaye mu gihe cy'imyaka 38 uhereye igihe itegeko rya Karoli wa V rirwanya Abaprotestanti ryatangwaga, kugeza igihe cy'amahoro cyatangarijwe ahitwa Chateau Cambreses mu 1559. Mu gihe cy'umutegetsi w'ahantu hitwa Alva, ibihumbi 18 byishwe n'umuntu wari ushinze uwo murimo mu gihe cy'imyaka itanu n'igice. Mu by'ukuri, kumenya bike ku mateka y'ubupapa, bizemeza uwo ari we wese ko ibivugwa aha byo 'kurwanya abera' (umurongo wa 21), no 'kurenganya abera b'Isumbabyose' (umurongo wa 25), bihura rwose n'ibyo ubwo butegetsi bwakoze, kandi bizasobanura amateka yabwo mu buryo butarimo kwihenda."⁴⁹

Uku kuri gushimangirwa n'ubuhamya bwa W. E. H. Lucky. Aravuga ati:

"Kuba Itorero rya Roma ryaramennye amaraso kurusha ikindi kigo icyo ari cyo cyose cyabayeho mu mateka ya muntu, ntibizigera bikemangwa n'Umuprotestanti uzi amateka mu buryo bwuzuye. Mu by'ukuri, inzibutso za benshi mu barenganijwe n'iryo torero muri iki gihe ntizihagije, ku buryo bidashoboka kumvikanisha neza ubwinshi bw'abantu ryavukije ubuzima, kandi rwose ni ukuri ko nta mbaraga z'ubwenge zibasha kwiyumvisha umubabaro bahuye na wo. ... Ubwo bwicanyi buteye ubwoba ntibwakoze mu mwanya muto n'umuntu w'umuterabwoba wari wimye ingoma, cyangwa ngo bukorwe n'amatsinda y'abantu bashimuta abandi mu ibanga,

⁴⁹ Albert Barnes, *Notes on Daniel*, p. 328, comment on Daniel 7: 25.

ahubwo byakozwe n'itorero ryari ryiganzuye abahanganye na ryo, babikora ku mugaragaro kandi babihisemo.”⁵⁰

Nta tandukaniro rihari kuba hari ingero nyinshi cyane aho ababaga baregwa baragarurirwaga ubuyobozi bwa gisivile. Itorero ni ryo ryafataga icyemezo ku bijyanye n'ibyo bitaga ubuyobe, nuko bakohereza uwahamwe n'icyaha mu rukiko rwa gisivile. Nyamara muri icyo gihe, ubutegetsu bwa gisivile bwari igikoreshe mu biganza by'itorero. Bwayoborwaga na ryo, bugakora ibyo ributegetse. Igihe itorero ryabaga ryohereje imfungwa zaryo ku bagomba gushyira mu bikorwa ibihano ngo bazirimbure, bamaze kubakwena bya kidayimoni, bakoreshe ubu buryo bukurikira: “Nuko turakuretse kandi tukohereje ubuyobozi bwa gisivile, tugushyize mu butware bw'urukiko rwa Leta; nyamara turanasaba urukiko ko rushyira mu gaciro mu myanzuro yarwo ku buryo rutagira icyo rutwara amaraso yawe, cyangwa gushyira mu kaga ubugingo bwawe.”⁵¹ Hanyuma, uwo munyabyago uhigwa n'urwango rw'abapapa agahita yicwa, nk'uko bari babigambiriye.

Ubuhamya bwa Lepicier bufite aho buhuriye n'ibivugwa aha:

“Ubutegetsu bwa Leta bushobora guhana gusa icyaha cyo kutizera mu buryo no ku rugero rwamenyeshejweho icyaha n'ubutabera bwakozwe n'abayobozi b'itorero, bafite ubumenyi mu by'inyigisho zo kwizera. Ariko itorero ni ryo ryimenyera icyo cyaha cyo kutizera, rishobora guca iteka ry'igihano cy'urupfu, nyamara ntabwo rigishyira mu bikorwa; ahubwo guhana ribirekera mu maboko y'urukiko rwa Leta.”⁵²

Ibinyoma Abagatulika bamwe bahamya bavuga ko itorero ryabo ritigeze ryica abataravugaga rumwe naryo, byamaganwe cyane n'umwe mu banditsi babo ntangarugero, uwo ni Karidinari Bellarmine wavukiye muri Tuscany mu mwaka wa 1542, kandi nyuma y'urupfu rwe mu 1621, akaba yaregereye bugufi cyane, agashyirwa ku ngengabihe y'abatagatifu bitewe n'ibikorwa bikomeye yakoreye itorero. Igihe kimwe uyu muntu yari ahanganye ariko atabitekerejeho, yaje kwivuguruzza maze yemera ingingo z'ukuri zimutsindisha mu rubanza yari arimo. Igihe Luteri yari amaze kuvuga ko itorero (ashaka kuvuga itorero ry'ukuri) ritigeze ritwika abateshutse inyigisho zaryo, Bellarmine yumvise ko itorero rivuzwe ari Itorero Gatulika ry'i Roma, maze arasubiza ati: “Iyi ngingo ntikwiriye kwemerwa, ahubwo igaragaza ubujiji cyangwa ikinyabupfura gike cya Luteri; kubera yuko *abantu batagira ingano* baratwitswe cyangwa se bakicwa, cyangwa se ahari Luteri ntiyigeze abimenya, kandi ibyo byaba bisobanura ko ari injiji. Cyangwa se niba yari abizi, yemera mu mutima we ko afite ikinyabupfura gike ndetse akabeshya—kubera ko kuba abateshutse inyigisho z'itorero

50 William E. H. Lecky, *History of the Rise and Influence of the Spirit of Rationalism in Europe*, Vol. II, pp. 35, 37.

51 Michael Geddes, “A View of the Court of Inquisition in Portugal,” *Miscellaneous Tracts*, Vol. I, p. 408. See also Philip Limborch, *The History of the Inquisition*, Vol. II, p. 289.

52 Alexius M. Lepicier, *The Stability and Progress of Dogmas*, p. 195.

akenshi baratwikwaga *n'itorero*, bishobora kwemezwa umuntu atanze ingero nke muri nyinshi zihari.”⁵³

Alfred Baudrillart, wari umuyobozi w'Ishuri Rikuru ry'Abagatulika ry'i Paris (Catholic Institute of Paris), igihe yavugaga ku nyifato y'itorero ku byerekeranye n'ubuyobe, yaravuze ati:

“Igihe rihuye n'ubuyobe, ntirinyurwa no guhendahenda; ibitekerezo birimo ubwenge kandi bitanganwe ikinyabupfura birigaragarira nk'ibidahagije, kandi ryakoresheje imbaraga, mu guhana ibihano bibabaza umubiri, ndetse rikoresha n'iyicarubozo. Rishyiraho inkiko nk'urwitwa Urukiko Rukuru Mpanabyaha rw'Itorero Gatulika ry'i Roma (“Inquisition”), ryifashisha amategeko ya Leta ngo arifashe, iyo bibaye ngombwa rishishikariza abantu kugaba ibitero ku bandi, cyangwa rigashoza intambara yo mu by'iyobokamana, kandi buri gihe cyose rimena amaraso mu buryo buteye ubwoba rihatira ubutegetsi bwa Leta kumena amaraso, kandi ubu buryo burushaho kuba bubi—kuko biba bitanyuze mu kuri—birutwa n'uko ryayimenera ubwaryo.

“By'umwihariko ryakoze ritya mu kinyejana cya 16 ribigirira Abaprotestanti. Kuko ritari rinyuzwe no guhindura ibijyanye n'imico mbonera yaryo, kwigisha binyuze mu gutanga urugero, guhindura imitima y'abantu binyuze mu ibwirizabutumwa ry'amagambo n'imibereho itunganye, ryacanye umuriro wo gutwikiramo ibirundo by'abantu ryabaga ryaciriye urubanza rwo gupfa mu Butaliyani, muri Nerlande, Ububiligi na Luxembourg, ndetse by'umwihariko muri Espagne. Mu Bufaransa mu gihe cy'umwami Francis wa I na Henri wa II, mu Bwongereza mu gihe cy'ubutegetsi bwa Mary Tudor, itorero ryishe urubozo abo ryitaga abayobe, mu gihe mu Bufaransa no mu Budage, mu mugabane wa kabiri w'ikinyejana cya 16, n'intangiriro z'ikinyejana cya 17, wenda niba atari na ryo ryatangije intambara y'iby'iyobokamana, ryabishishikarije abantu kandi rirabafasha ku rwego runaka.”⁵⁴

Mu ibaruwa yanditswe na Papa Maritini wa V (1417 –1431), harimo amabwiriza akurikira yashyikirizaga umwami w'igihugu cya Polandi:

“Menya ko inyungu z'Ubutegetsi Bwera, ndetse n'iz'ikamba ryawe, zituma ugira inshingano yo kumaraho abayoboke ba Huss. Wibuke ko abo bantu banduye babwiriza amahame y'uburinganire; bashyigikira ko Abakristo bose ari abavandimwe, kandi ko Imana itahaye abantu bamwe batoranyijwe uburenganzira bwo gutegeka amahanga. Bigisha ko Kristo yaje mu isi guca ubucakara, bahamagarira abantu kugira umudendeko, bishatse kuvuga ko bahindura ubusa abami n'abapadiri! Mu gihe cyose hakiriho igihe, erekeza ingabo zawe zijye kurwanya akarere ka Boheme (Abanyaboheme); zitwike, zitsembe, ahantu hose zihahindure ubutayu;

⁵³ John Dowling, *The History of Romanism*, p. 547.

⁵⁴ Alfred Baudrillart, *The Catholic Church, The Renaissance, and Protestantism*, pp. 182, 183.

kuko nta kindi gishobora gushimisha Imana, cyangwa ngo kibe ingirakamaro ku bami kirenze gutsembatsemba abayobohe ba Huss.”⁵⁵

Ibi byose byari bihuje n'inyigisho z'itorero. Ubuyobe ntibwashoboraga kwihanganirwa, ahubwo bwagombaga kurimburwa rwose.

Roma ya gipagani yatoteje itorero rya gikristo nta kwiganda. Abantu bacishiriza ko mu binyejana bitatu bibanza guhera igihe ubukristo bwatangiriye, hapfuye Abakristo *miliyoni eshatu*. Nyamara bivugwa ko Abakristo basengeraga ubwami bwa Roma ngo bukomeze kubaho, kubera ko bari bazi ko iyo burekeraho gutegeka, hajyaga kuza ubundi butegetsi burushijeho kuba bubi bwajyaga “kurenganya abera b'Isumbabyose” hadasigaye n'umwe nk'uko ubu buhanuzi bubivuga. Roma ya gipagani yashoboraga kwica abana igasiga ba nyina; nyamara ubupapa bwo bwicaga abana na ba nyina. Uburakari bwayo ntibwarebaga imyaka, igitsina cyangwa imibereho umuntu abayeho.

Agahembe Gato “Kazigira Inama zo Guhindura Ibihe n'Amategeko.”— Mbese ayo mategeko ni ayahe kandi ni ayande? Ntabwo ari amategeko y'ubutegetsi bwo ku isi; kubera ko kitari ikintu kidasanzwe ko ubutegetsi buhindura amategeko y'ubundi butegetsi igihe cyose bwabaga bubutsinze. Ntabwo ari amategeko y'abantu ayo ari yo yose; kubera ko agahembe gato kari gafite ububasha bwo kuyahindura igihe cyose kari kuba kagifite ubutegetsi; nyamara ibihe n'amategeko bivugwa aha, ni bya bindi kashoboraga kwigira inama zo guhindura gusa, nyamara kakaba katabishoboye. Nyiri aya mategeko, niwe nyiri ba bera barenganywa n'ubwo butegetsi, ni amategeko y'Isumbabyose. None se ubupapa bwagerageje gukora butya?—Yego rwose.

Bwongeye itegeko rya kabiri ryo mu Mategeko Cumi y'Imana ku rya mbere burihindura itegeko rimwe, maze itegeko rya cumi burigabanyamo kabiri, irya cyenda riba iryo kubuzanya kwifuza umugore wa mugenzi wawe—maze buba bubonye umubare wuzuye ari wo “icumi.”

AMATEGEKO CUMI

(Kuva 20:3-17)

I

Ntukagire izindi mana mu maso yanjye.

II

Ntukiremere igishushanyo kibajwe, cyangwa igisa n'ishusho yose iri hejuru mu ijuru, cyangwa hasi ku butaka cyangwa mu mazi yo hepfo y'ubutaka. Ntukabyikubite imbere, ntukabikorere kuko Uwiteka Imana yawe ndi Imana ifuha, mpōra abana gukiranirwa kwa ba se, nkageza ku buzukuruza n'ubuvivi bw'abanyanga, nkababarira abankunda bakitondera amategeko yanjye, nkageza ku buzukuruza babo b'ibihe igihumbi.

⁵⁵ L. M. de Cormenin, *The Public and Private History of the Popes of Rome*, Vol.II, pp. 116, 117.

III

Ntukavugire ubusa izina ry'Uwiteka Imana yawe, kuko Uwiteka atazamubara nk'utacumuye, uvugiye ubusa izina rye.

IV

Wibuke kweza umunsi w'isabato. Mu minsi itandatu ujye ukora, abe ari yo ukoreramo imirimo yawe yose, ariko uwa karindwi ni wo sabato y'Uwiteka Imana yawe. Ntukagire umurimo wose uwukoraho, wowe ubwawe, cyangwa umuhungu wawe cyangwa umukobwa wawe, cyangwa umugaragu wawe cyangwa umuja wawe, cyangwa itungo ryawe cyangwa umunyamahanga wawe uri iwanyu, kuko iminsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi n'inyanja n'ibirimo byose, akaruhukira ku wa karindwi.

Ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'isabato, akaweza.

V

Wubahe so na nyoko, kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha.

VI

Ntukice.

VII

Ntugasambane.

VIII

Ntukibe.

IX

Ntugashinje ibinyoma mugenzi wawe.

X

Ntukifuze inzu ya mugenzi wawe, ntukifuze umugore wa mugenzi wawe, cyangwa umugaragu we cyangwa umuja we, cyangwa inka ye cyangwa indogobe ye, cyangwa ikindi kintu cyose cya mugenzi wawe."

AMATEGEKO CUMI

Nk'uko yavuzwe mu nshamake mu mvugo ya Gatigisimu* y'Abagatulika b'i Roma

"Azigira inama yo guhindura ibihe n'amategeko" Daniyeli 7:25

I

Urajye Usenga Imana imwe gusa, uzabe ari yo ukunda gusa.

II

Ntuzarahire izina ry'Imana mu busa cyangwa mu binyoma.

III

Urajye utunganya umunsi w'Imana.

IV

Urajye wubaha ababyeyi bawe.

V

Ntuzice

VI

Ntuzasambane

VII

Ntuzibe

VIII

Ntuzabeshye cyangwa ngo ubeshyere abandi.

IX

Ntuzifuze umugore w'undi

X

Ntukifuze kwiba cyangwa kwangiza iby'abandi.

„—————

*Uku ni ko Gatigisimu⁵⁶ yemejwe n'Abepesikopi bo mu Rwanda ivuga amategeko y'Imana kandi ni yo ikoreshe mu kwigisha abayoboke ba Kiriziya.

Nubwo amagambo yose uko yakabaye yo mu itegeko rya kabiri agumishwa muri Bibiliya y'Abagatulika b'i Roma no muri Gatigisimu y'Itorero rya Roma nk'uko yemejwe n'Imana Nkuru y'i Trent, bagira ubusobanuro bwitondewe batanga bavuga ko ibishushanyo bibajwe n'andi mashusho y'uburyo ubwo ari bwo bwose, usibye ishusho y'Imana ubwayo, atabuzwa n'iryo tegeko igihe cyose akoreshejwe gusa mu kugaragaza icyubahiro cy'abatagatifu, atari ukugira ngo basengwe nk'ibigirwamana, kuko ibyo bibuzanijwe mu buryo bwumvikana neza muri iryo tegeko. Iryo hame kandi barikoreshe no ku ivu, amagufwa, kimwe n'ibindi bisigazwa by'abatagatifu, no ku bishushanyo by'abamarayika.

Ku bijyanye n'itegeko rya kane, iryo bafata nk'irya gatatu mu rutonde rwabo, gatigisimu ifite ububasha buri hejuru y'ubundi mu Itorero ry'Abagatulika b'i Roma igumana iryo tegeko ryose uko ryakabaye, kandi igashishikariza abantu kwitondera Isabato mu buryo nyabwo mu mibereho y'umuntu ku giti cye, no mu gihe cyo kuramya abantu bahuriye hamwe muri rusange bigafatwa nk'amahirwe n'inshingano byera. Nyamara bemeje ko umunsi wihariye Isabato igombwa kuruhukwaho, wari ufitanye isano n'amategeko y'imihango y'Abayuda, ndetse ko uwo munsi n'ayo mategeko byavanyweho na Kristo. Nuko rero bagatanga impamvu Isabato ikwiriye kubahirizwa ku munsi wa mbere w'icyumweru, umunsi uzwi nko ku Cyumweru (Sunday).

⁵⁶ Gatigisimu, p. 56. Edition Révisée 1990.

Kugira ngo dushyigikire ko iyi mvugo ngufi ikoreshwa ku byo “guhindura ibihe n’amategeko” byakozwe n’ubupapa ari ukuri, dukura igihamba muri gatigisimu ihebuje izindi ububasha y’Itorero Gatulika ry’i Roma. Nk’uko *Inkoranyamagambo y’Abagatulika* ibivuga, “Ubutware bw’iyi gatigisimu buri hejuru y’ubw’indi iyo ari yo yose, ariko birumvikana ko itari ku rwego rumwe n’amahame n’amategeko ashyirwaho n’Inama Nkuru.”⁵⁷

Mbere yo kugira amagambo twandika akuwe mu nyandiko runaka, ni byiza kubanza kuvuga ko mu buryo bw’imiyoborere y’Itorero Gatulika ry’i Roma, amahame n’amategeko atangwa n’Inama [Nkuru] aba yemewe nk’itegeko rusange ndetse akaba ari hejuru y’ayandi yose. Imana Nkuru imwe yamenyekanye cyane kurusha izindi ni Inama y’i Trent, yabereye ahitwa i Trent ho mu Butaliyani, guhera mu mwaka wa 1545 kugeza mu 1563. Kubera ko iyo nama yari yateranirijwe gushaka uburyo bwo gukumira imbaraga z’Ubuprotestanti ngo zidakomeze gukwira hose, yasuzumye inyigisho n’imikorere y’itorero, hanyuma ishyira ahagaragara itegeko rikurikira: “Inama yera⁵⁸ y’itorero itegetse abayobozi b’itorero bakuru ... [gusobanura amasakaramentu] hakurikijwe uburyo inama yera y’itorero yateguyemo amasakaramentu yose muri *gatigisimu*, ayo abasenyeri bazasobanura mu bwitonzi batagize ibyo bahindura, bakayashyira mu rurimi rwumvwa na benshi, maze abapadiri bakayageza ku bantu muri rusange.”⁵⁹

Mu rwego rwo gushyira mu bikorwa iri tegeko, handitswe gatigisimu mu rurimi rw’Ikilatini, yandikirwa Itorero Gatulika ry’i Roma, yandikwa na Mutagatifu Karoli Borromeo (Charles Borromeo) afatanyije n’abandi bahanga mu by’iyobokamana, mu mwaka wa 1566; maze ishyirirwa ku mugaragaro i Roma, bikoze n’Inteko ya Vatican Ishinzwe Gusakaza Ukwemera hose⁶⁰, isohoka ifite umutwe uvuga ngo *Catechismus Romanus ex decreto Sacrosancti Concilii Tridentini, jussu S. Pii V Pontificis Maximi editus*, mu yandi magambo bishatse kuvuga ngo *Gatigisimu y’i Roma dukurikije itegeko ry’Inama Nkuru yera y’i Trent, ryasohotse ku bw’itegeko rya Mutagatifu Pio wa V, Pontifex Maximus.*”

Iki gitabo cyahinduwe mu rurimi rw’Icyongereza na Nyiricyubahiro J. Donovan, D. D. ... wari Musenyeri mukuru yandikiraga Nyirubutungane Papa Gerigora wa 14 (Gregory wa XVI),” maze gishyirirwa ku mugaragaro ahitwa i Dublin gifite iriburiro ryanditswe ku wa 10 Kamena 1829. Umutwe w’icyo gitabo ni: *Gatigisimu hakurikijwe itegeko ry’Inama Nkuru yabereye i Trent, cyakosowe ku bw’itegeko rya Nyirubutungane dukunda cyane Pio wa Gatanu.*

Amagambo akurikira avuga ku itegeko rya kane (ari ryo rya gatatu rya Kiriziya Gatulika) tuyavana muri Gatigisimu ya Kiriziya Gatulika y’i Roma

⁵⁷ Catholic Encyclopedia, art, “Doctrine, Christian,” Vol. V, p. 79.

⁵⁸ Holy synod

⁵⁹ J. Donovan, quoting from “Council of Trent, Sess. Xxiv, c. vii, on Reformation,” *Catechism of the Council of Trent*, p. 4.

⁶⁰ Vatican Congregation for Propagation of the Faith.

yasubiwemo ku nshuro ya gatanu igasohoka mu mwaka wa 1796 i Roma, ikaba yarahinduwe mu Cyongereza na Donovan.

"Itorero ry'Imana ryanejejwe n'uko kwizihiza umunsi w'Isabato byakwimurirwa ku 'munsi w'Umwami' [bisobanuye ku Cyumweru]; kubera ko kuri uwo munsi ari bwo umucyo warasiye ku isi ku nshuro ya mbere. Bityo rero kubera umuzuko w'Umucunguzi wacu wazutse kuri uwo munsi, akaba yaradukinguriye irembo rigana ku bugingo buhoraho, ubugingo bwacu bwakuwe mu mwijima bugera mu mucyo; ni yo mpamvu Intumwa nazo zawise 'Umunsi w'Umwami.' Natwe tubona mu Byanditswe Biziranenge ko uyu munsi wejejwe bitewe n'uko kuri uwo munsi ari bwo iremwa ry'isi ryatangiye, kandi kuri wo akaba ari ho intumwa zahawe Umwuka Wera."⁶¹

Aha tubona ibyo ubuyobozi bwa Papa bwatangaje ko Itorero Gatulika ry'i Roma ryivugira ko ryahinduye igihe cyo kuruhuka Isabato rikagikura ku munsi wa karindwi nk'uko amategeko cumi abivuga maze rikawushyira ku munsi wa mbere w'icyumweru, uwo bibeshyaho hano bakawita "umunsi w'Umwami." (reba amagambo y'ubusobanuro butangwa ku isomo ryo mu Ibyahishuwe 1:10). Bizagaragara yuko bavuga ko intumwa ari zo zahinduye umunsi wa karindwi zikawushyira ku wa mbere, nyamara nta gihamya na kimwe bafite kiva mu Byanditswe Byera, kubera ko bene icyo gihamya kitariho. Impamvu zose batanga muri ibi bavuga, ni ibihimbano by'abantu n'itorero ryabo gusa.

Ubu buhamya dufite burahagije kwerekana uburyo ubupapa bwigiriye inama yo guhindura ibihe n'amategeko. Uburyo nyuma yaho gatigisimu y'Itorero Gatulika y'i Roma yateguriwe kwigisha abayoboze baryo yahamije ishize amanga ko itorero ryahinduye uwo munsi, ndetse rikagerekaho no guhatira Abaprotestanti kwemera no kubahiriza izo mpinduka, tuzabibona mu magambo y'ubusobanuro tuzatanga ku kimenyetso cy'inyamaswa kivugwa mu Byahishuwe 13.

Mbere y'uko dusubika iki kibazo cyo guhindurwa kw'Isabato, biragaragara ko impamvu zitangwa n'ubupapa ku byerekeye kubahiriza umunsi bishyiriyeho zipfuye, aho bavuga ko wahinduwe n'intumwa. Muri icyo gatigisimu ya Roma yavuzwe haruguru, hagaragaramo uburyo bagerageza gusobanura uko itegeko ry'Isabato ritandukanye n'andi mategeko cumi:

"Iryo tandukaniro rigaragara rwose, yuko ibindi byanditswe mu mategeko cumi biri mu mugabane w'amategeko kamere, kandi bikaba bihoraho, ndetse bidashobora guhinduka, ari naho byavuye ko, nubwo amategeko ya Mose yarangiye, Abakristo bakomeza amategeko yose aboneka ku bisate bibiri by'amategeko, bidatwe n'uko Mose yabitegetse atyo, ahubwo bitewe n'uko ayo mategeko ahura n'amategeko kamere, imbaraga ziyarimo zikaba ari zo zihatira abantu kuyubahiriza. Mu gihe iri

⁶¹ *Catechism of the Council of Trent*, p. 347.

tegeko rivuga ku kweza isabato, riramutse rifashwe nk'uko ryari riri mu gihe ryatangwaga [ngo rikurikizwe], ntabwo ari itegeko ridakuka ndetse ngo ribe ridahinduka, ahubwo rishobora guhinduka, ndetse nta nubwo rirebana n'imicombonera ahubwo rijyanye n'amategeko y'imihango, nta nubwo ari ihame ryo mu mategeko kamere, kubera ko kamere yacu itwigisha kandi ikadutoza kuramya Imana mu buryo bugaragara kuri uwo munsu aho kubikora ku wundi munsu uwo ari wo wose. Nyamara uhareye igihe ubwoko bwa Isirayeli bwari butabawe bukava mu bubata bwa Farawo, baziririje umunsu w'Isabato. ...

Ariko igihe kuruhuka Isabato byagombaga kuvanwaho, ni cyo gihe amategeko y'imihango y'Abaheburayo yagombaga kuvaho, ndetse ni cya gihe cy'urupfu rwa Kristo; kubera ko nk'uko iyo mirongo iri, nk'uko yari iri na mbere, yari igicucu cy'umucyo n'ukuri (Abaheburayo 10:1), byari ngombwa rero ko akurwaho, igihe umucyo n'ukuri ari we Yesu Kristo yari aje.”⁶²

Icyo umusomyi akwiriye kwibutswa gusa ni uko amategeko cumi yari yanditswe n'urutoki rw'Imana ku bisate bibiri by'amabuye naho amategeko y'imihango yo yaranditswe na Mose mu gitabo. Ikirenze ibyo, amategeko cumi yatanze mbere yuko amategeko y'imihango atangwa na Mose. Mbese tuzashinja Imana ko ariyo yafashe itegeko rimwe ry'imihango ikarivanga n'amategeko icyenda mu mategeko cumi, maze igaha abayobozi b'idini bishyira hejuru umurimo wo kubikosora? Impamvu na none yo kubahiriza Isabato yo ku munsu wa karindwi nk'uko iboneka muri iryo tegeko ubwaryo, ni uko Umuremyi ubwe yaruhutse kuri uwo munsu, akaweza ngo ube urwibutso rw'umurimo we wo kurema, nyamara ukaba udafite aho uhurira no kuba wari “igicucu cy'ibyayyaga kuza hanyuma” binyuze muri Kristo, uwo amategeko y'imihango yatungaga urutoki.

Andi magambo amwe akwiriye kwitabwaho yavanywe muri Gatigisimu y'itorero Gatulika ry'i Roma ni aya:

“Ku bw'ibyo rero, intumwa zafashe umwanzuro wo gufata umunsu wa mbere w'iminsi irindwi ziwegurira kuramya Imana, maze ziwita 'umunsu w'Umwami' kubera ko mutagatifu Yohana mu gitabo cy'Ibyahishuwe avugaga iby' 'umunsu w'Umwami' (Ibyahishuwe 1:10); kandi intumwa Pawulo itegeka ko ku 'munsi wa mbere w'iminsi irindwi' hajya habaho gusonzoranya [impiya] (1 Abakorinto 16: 2), ari wo munsu Mutagatifu Chrysostom asobanura ko ari umunsu w'umwami; kugira ngo aduhe gusobanukirwa ko n'icyo gihe umunsu w'Umwami waruhukwaga n'itorero nk'umunsu wera.”⁶³

Hejuru yo kugereka ku ntumwa ikosa ryo guhindura umunsu w'Isabato, hano bigaragara ko umurimo wo gusonzoranya impiya ku munsu wa mbere w'icyumweru ari yo mpamvu ituma bawuruhuka nk'Isabato bihabanye rwose n'amategeko y'Imana adahinduka.

⁶² *Ibid.*, pp. 342, 343.

⁶³ *Ibid.*, pp. 343, 344.

Aya magambo na none ahishura ko imigenzereze n'ubusobanuro bw'abayobozi ba mbere b'itorero [Gatulika], nka Mutagatifu Chrysostom uvugwa ahangaha, byishingikirizwaho aho kugira ngo bishingikirize ku Byanditswe Byera ubwabyo nk'igihamba cy'uko Isabato yo mu mategeko y'Imana yahindutse igashyirwa ku munsu wa mbere.

Hano ikindi kintu cy'ingenzi na none gikwiriye kwitabwaho, by'umwihariko ku bayobozi b'amatorero y'Abaprotestanti n'abalayiki. Muri iyi Gatigisimu y'itorero ry'i Roma, yateguwe ku bw'itegeko rya Papa Pio wa V ahagana mu kinyejana cya 16 gahati, habonekamo ingingo zikoreshwa n'Abaprotestanti muri iki gihe kugira ngo bashyigikire ibyo guhindura Isabato ivanywe ku munsu wa karindwi igashyirwa ku munsu wa mbere w'icyumweru. Mwite kuri ibi:

Nubwo nta gihamba bafite, bavuga ko Isabato yo ku munsu wa karindwi yari umugabane w'amategeko y'imihango (nubwo riri hagati mu mategeko cumi yanditswe n'urutoki rw'Imana), kandi kubw'ibyo ikaba yarakuweho na Kristo.

Bavuga bashize amanga ko intumwa zategetse ko umunsu wa mbere w'icyumweru wubahirizwa mu cyimbo w'umunsu wa karindwi, bagatanga umurongo Yohana yavuzemo iby'umunsu w'Umwami mu Byahishuwe 1:10, birengagije ukuri k'uko umunsu rukumbi Imana yikubitiye ikaweza kandi ikavugaga ko ari uwayo bwite ibinyijije mu kuwuruhukaho wari umunsu wa karindwi wo mu itegeko rya kane.

Bavuga yuko itegeko ry'Isabato y'ikiruhuko "ritavuguruzanya n'amategeko kamere" asaba ko guhagarika gukora kandi umuntu agafata umwanya wo gutekereza ku Mana no kuyiramba, nyamara bakanavugaga yuko igihe cyo kuyiziririza "gishobora guhinduka," kubera ko nk'uko babivugaga, iryo tegeko "ntiribarizwa mu mategeko agenga imicombonera (amategeko cumi), ko ngo ahubwo ari rimwe mu mategeko y'imihango, ku bw'ibyo rikaba ryarahinduwe n'intumwa, n'Abakurambere b'itorero, ndetse n'itorero maze Isabato ishyirwa ku munsu wa mbere w'icyumweru.

Ingingo batanga z'iryo hinduka ni za zindi ngo umucyo waviriye ku isi ku nshuro ya mbere ku munsu wa mbere w'icyumweru, izuka rya Kristo ryabaye kuri uwo munsu, Mwuka Wera yamanukiye intumwa kuri uwo munsu w'icyumweru, Pawulo yashishikariye abakristo gusonzoranya impiya hanyuma bagashyira ku ruhande umugabane runaka w'Uwiteka ku munsu wa mbere w'icyumweru—kandi ibyo byose ni ibihimbano by'umuntu ndetse nta n'ubutware buturuka mu Byanditswe Byera bubemerera guhindura uwo munsu. Impamvu rukumbi zitangwa n'Umuremyi akaba n'Umwami w'Isabato, ni uko yaremye isi mu minsi itandatu, akaruhuka ku wa karindwi, akeza uwo munsu ngo ujye ukorerwaho ibyera mu buryo buhoraho kandi budahinduka nk'uko yaremye ibindi bintu byose mu yindi minsi y'icyumweru cy'irema.

Abaprotestanti bashobora kuba batazi yuko igihe bashyigikira ikiruhuko cyo ku munsu wa mbere w'icyumweru, baba bakoresha ingingo z'Abagatulika

b'i Roma ziboneka muri Gatigisimu y'Inama [Nkuru] y'i Trent, yasohotse mu kinyejana cya 16, nyamara buri ngingo yose muri izi zavuzwe haruguru, iboneka muri icyo gitabo. Icyo duhamagarira Umuporotesitanti wese ni ukwitandukanya rwose n'ubupapa, maze mu myizerere ye n'imikorere ye akomatana na Bibiliya, ndetse Bibiliya yonyine.

Igihe n'Ibihe n'Igice cy'Igihe.—indangangenga “bi” iboneka mu nteruro ibumbatiye aya magambo [bi-zarekerwa] ibumbiye hamwe abera, ibihe, ndetse n'amategeko tumaze kuvuga. Mbese byari kumara igihe kingana iki mu maboko ya buriya butegetsi? Nk'uko twabibonye muri Daniyeli 4:23, “igihe” ni umwaka umwe, “ibihe bibiri” ari na byo bihe bike byashoboraga kwerekanwa n'ubwinshi bw'iri jambo, ni imyaka ibiri; noneho “igice cy'igihe” kikaba kimwe cya kabiri cy'umwaka. Ijambo “igice” ryakoreshejwe muri aya magambo ngo “igice cy'igihe” yahinduwe ava mu rurimi rw'Igikaludaya “*pelag*” iryo Gesenius yahinduye ngo “kimwe cya kabiri” kandi ryerekeza kuri Daniyeli 7:25 nk'urugero. Bibiliya y'Ikigiriki yavanywe mu Giheburayo irivuga nk' “igice”. Rero, ubwo butegetsi bwari kumara igihe kingana n'imyaka itatu n'igice. Ijambo ry'igikaludaya rivuga “igihe” ni *iddan* bisobanurwa na Gesenius nk' “igihe” ari byo mu mvugo ya gihanuzi bivuga “*umwaka*” mu mvugo ya gihanuzi. Daniyeli 7:25, *umwaka*, na none imyaka ibiri, ndetse n'igice cy'umwaka; ibyo ni ukuvuga imyaka itatu n'igice.

Ubu tugomba kuzirikana ko tugeze hagati mu buhanuzi bukoresha imvugo y'ibimenyetso; bityo rero, kuri ibi bipimo cy'igihe, ntigisobanurwa nk'uko amagambo yacyo ari, ahubwo gisobanurwa nk'imvugoshusho. Noneho ikibazo kivuka ni iki: Igihe cyerekanwa n'imyaka itatu n'igice y'igihe cya gihanuzi kingana iki? Ihame duhabwa na Bibiliya ni iri: iyo umunsi ukoreshejwe nk'imvugoshusho ya gihanuzi, uba uhagarariye umwaka. (Ezekiyeli 4:6; Kubara 14:34). Ahereye ku ijamba ry'igiheburayo “*yom*” risobanura umunsi, Gesenius agira icyo avuga ku bwinshi bwaryo: “Rimwe na rimwe, ijamba ‘*yamim*’ rigaragaza igihe n'umwaka bigenwe bizwi neza; kimwe n'igikarudaya [*iddan*] ryerekana igihe ndetse n'umwaka; kimwe n'uko mu Cyongereza hari amagambo menshi akoreshwa mu kuvuga igihe, uburemere n'igipimo, yose akoreshwa mu kuvuga igihe kizwi runaka, uburemere runaka, n'ibipimo runaka bizwi.”

Hashize igihe kinini abigishwa ba Bibiliya bemera iri hame. Amagambo akurikira ahishura ibyo abantu bakomeye batandukanye bemeranywaho kuri iri hame. Uwitwa Joachim, wari umupadiri w' i Calabria, umwe mu bayobozi b'idini bakomeye bo mu kinyejana cya 12, yakoresheje ihame rivuga yuko umunsi umwe ungana n'umwaka asobanura iby'igihe kingana n'imyaka 1260.

“Umugore wambaye izuba, usobanura itorero, yakomeje kwihisha mu butayu kugira ngo ikiyoka kitamubona, nta gushidikanya umunsi uhwanyeye n'umwaka, kandi iminsi igihumbi na maganabiri na mirongo itandatu ihwanyeye n'imyaka 1260.”⁶⁴

64 Joachim of Floris, *Concordantia*, book 2, chap. 16, p. 12b.

"Ibihe bitatu n'igice cy'igihe; ni ukuvuga imyaka 1260, twemera yuko igihe kingana n'umwaka ugira iminsi 360, ndetse n'umunsi ukaba uhwanywe n'umwaka. Nyuma y'icyo gihe, 'urubanza ruzashingwa, maze bamunyage ubutware' si uwo mwanya, ahubwo bizakorwa mu nzego, kugira ngo bamumareho kandi arimburwe burundu, ashireho."⁶⁵

Umwaka uvugwa na Bibiliya, ugomba gushingirwaho mu gufata umwanzuro, wagiraga iminsi 360. (reba ubusobanuro butangwa ku isomo ryo mu Byahishuwe 11:3). Imyaka itatu n'igice ibumbatiye iminsi 1260. Kubera ko umunsi umwe uhagarariye umwaka, dufite imyaka 1260 aka gahembe kazamarana ububasha. Mbese ubupapa bwaba bwamaranye ububasha igihe kingana gitya? Na none igisubizo ni 'yego'. Itegeko ryatanze n'umwami w'abami Yustiniyani mu mwaka wa 533, ryahaye umuyobozi mukuru w'itorero ry'i Roma ububasha bwo kuyobora amatorero yose. Nyamara iri tegeko ntirashoboraga kujya mu bikorwa rwose kugeza igihe Abostrogoti b'Abariyani bari kuba birukanwe i Roma, ari bo hembe rya nyuma mu mahembe atatu yaranze kugira ngo ahe umwanya ubupapa; kandi nk'uko byamaze kugaragazwa, ibi ntibyashyizwe mu bikorwa kugeza mu mwaka wa 538 N.K. Iryo tegeko ntiriyari gushyirwa mu bikorwa Abostrogoti batarirukanwa i Roma, bityo rero uhaye mu mwaka wa 538 ni bwo tuvugaga ko abera bari batangiye mu by'ukuri kuba mu maboko y'ubu bubasha. Mbese uhaye iki gihe ubupapa bwatangiye kugira ububasha bwo gutegeka mu gihe cy'imyaka 1260? Yego rwose. Kubera ko $538 + 1260 = 1798$; kandi muri uyu mwaka wa 1798, Berthier wari uyoboye ingabo z'Abafaransa, yinjiye i Roma, atangaza ko habayeho Repubulika [ubutegetsi bwa Leta bushyirwaho n'abaturage b'icyo gihugu], afata papa aramufunga, maze ubwo aba akomerekeje ubupapa uruguma rwica. Nubwo ubupapa butarongerera kubona amahirwe n'ubudahangarwa bwari bufite mbere y'icyo gihe, turabona ko muri iki gihe bugenda busubirana imbaraga bwari bufite muri kiriya gihe.

Urubanza Ruzashingwa.—Nyuma yo gusobanura umurimo uteye ubwoba w'agahembe gato, no kuvuga ko abera bari kurekerwa mu maboko yako mu gihe cy'imyaka 1260, bitujyana bikatugeza mu mwaka wa 1798, umurongo wa 26 wo uravugaga uti: "Hanyuma urubanza ruzashingwa, bazamunyaga ubutware ngo babumareho burimburwe kugeza ku mperuka." Mu murongo wa 10 w'icyo gice tuhafite rwose amagambo asa n'ayo yerekeranye n'urubanza avugaga ngo: "Imanza zirashingwa." Bisa n'aho umuntu yakomeza kuvuga ko uru rubanza ruvugwa muri iyi mirongo ibiri ari rumwe. Nyamara ibyabaye bikomeye bivugwa mu murongo wa cumi ugutangira k'urubanza rw'igenzura mu buturo bwera bwo mu ijuru, nk'uko bizagaragara mu busobanuro butangwa kuri Daniyeli 8:14 n'igice cya 9:25–27. Gutangira k'uru rubanza gushyirwa n'ubuhanuzi mu iherezo ry'igihe cya gihanuzi cy'imyaka 2300, irangira mu mwaka wa 1844. (Reba amagambo y'ubusobanuro bwa Daniyeli 9:25–27).

65 Sir Isaac Newton, *Observations Upon the Prophecies of Daniel*, pp. 127, 128.

Imyaka ine ikurikiraho, ni ukuvuga mu 1848, impinduramatwara ikomeye yanyeganyeye ubwami bwinshi mu Burayi, yanakuye papa ku butware bwe. Kongera gusubirana umwanya we byasabye ko hakoresha inkota z'abanyamahanga, ni na zo zamushoboje gukomeza ububasha bwe kugeza ubwo yongeye kubutakaza by'igihe runaka mu mwaka wa 1870. Guhirikwa k'ubupapa mu mwaka wa 1798 kwaranze iherezwa ry'igihe cya gihanuzi cy'imyaka 1260, kandi byabaye "uruguma rwica" rwahanuwe mu Byahishuwe 13:3 rwagombaga kuza kuri ubu butegetsi; nyamara uru ruguma rwica rwagombaga "gukira."

Uruguma Rwica Rugomba Gukira.—Mu mwaka wa 1800 undi mupapa yaratorwe, yongera guhabwa ingoro ye n'ububasha budahoraho aho ubupapa bwategekaga, kandi nk'uko George Croly, umwanditsi w'Umwongereza wabaye ikirangirire abivuga, ububasha bwose yari abufite usibye bwa bundi bwo gutoteza akuye ruhande; kubera ko "uruguma rwica" rwari rutangiye gukira.

Ni gute uruguma rwica rwashoboraga gukira kandi n'ibivugwa muri Daniyeli 7:26 ngo "bazamunyaga ubutware babumareho burimburwe kugeza ku mperuka" bigakorwa? Mbese ni gute wasobanura ibi bintu bisa n'ibihabanye? Nubwo gusobanura izi ngorane byaba bikomeye bite, ukuri ni uko mu mateka y'ubupapa ibi bintu bibiri bigenda bigaragara.

Mu 1844 umurimo w'urubanza watangiriye mu buturo bwo mu ijuru. (umurongo wa 10). Mu murongo wa 11 tubwirwa yuko bitewe "n'amagambo akomeye ihembe ryavugagainyamaswa yarishwe." Ku italiki ya 8 Ukuboza 1854, ihame ntavuguruzwa ryo "Kudasamanwa icyaha kwa Mariya"⁶⁶ ryatangajwe na papa. Mu 1870, ingabo za Victor Emmanuel zambuye papa ubutware bwe budahoraho, kandi muri uwo mwaka ni bwo Inama ya Papa ishinze Guteza Imbere Ubumwe bw'Abakristo yatangaje ibyo kutibeshya kwa papa igihe yavugaga ibyo bita "ex cathedra," bishatse kuvuga ko papa nk'umushumba n'umwigisha w'Abakristo bose ari we usobanura ihame ryerekeye kwizera n'imicombonera. Nyamara nubwo ibyubahirwa byagendaga byiyongeranya cyane ku muyobozi mukuru w'itorero ry'i Roma bikoze n'abihayimana, ububasha bwa papa bwose yarabwambuwe. Nyuma y'icyo gihe, abapapa bikingiranaga nk'imfungwa mu gace ka Vatikani i Roma kugeza igihe bagiraniye amasezerano n'igihugu cy'Ubutaliyani mu mwaka wa 1929, ari yo yongeye kumugarurira ububasha bwo gutegeka umujyi wa Vatikani, ukaba igice gito cy'umujyi wa Roma.

UMURONGO WA 27 Maze ubwami n'ubutware n'icyubahirwa cy'ubwami bwose buri muni y'ijuru, bizahabwe ubwoko bw'abera b'Isumbabyose. Ubwami bwayo ni ubwami buzahoraho iteka, kandi ubutware bwose buzajya buyikorera buyumvire.²⁸ "Ayo magambo agarukiye aha. Ariko jyewe ubwanjye Daniyeli, ibyo natekereje bimpagarika umutima cyane, bituma mu maso hanjye hahinduka ukundi, ariko mbika iryo jambo mu mutima wanjye."

⁶⁶ Immaculate Conception. Reba na Gatigisimu p. 21.

Nyuma yo kureba ishusho yijimye kandi iteye agahinda y'uburyo ubupapa bwarenganyije itorero, umuhanuzi yongeye kwemererwa kwerekeza amaso ye ku gihe gihebuje abera bazaruhuka, igihe bazaragwa ubwami, batandukanyijwe rwose n'ubutegetsu ubwo ari bwo bwose bwabakandamizaga, bafite ubwami by'iteka ryose. Mbese ni gute abana b'Imana bashobora kugumisha umutima kuri iyi si mbi, hagati y'imitegekere mibi no gukandamiza bikorwa n'ubutegetsu bwo ku isi, ndetse n'ibizira bikorerwa mu gihugu, niba badashoboye guhanga amaso ku bwami bw'Imana no ku kugaruka k'Umwami wabo, bafite ibyiringiro bishyitse ko amasezerano yerekeye kuri ibi byombi azasohora kandi vuba nta kabuza?

IGICE CYA 8

ABATUYE ISI YOSE BAHAGAZE IMBERE Y'URUKIKO RWO MU IJURU

DANIYELI 8

Adam Clarke aravuga ati: "Noneho tugeze ku rurimi rw'Igiheburayo, kuko umugabane w'igitabo cya Daniyeli wanditswe mu rurimi rw'Urukuludaya urangiye. Kubera ko Abakaludaya bari bitaye mu buryo bwihariye ku kumenya amateka n'ubuhanuzi biri guhera muri Daniyeli 2:4 kugeza mu gice cya 7, ibyo bice byose byanditswe mu rurimi rw'Urukuludaya; ariko kubera ko ubuhanuzi bundi busigaye burebana n'ibihe bikurikira ubwami bw'Abakaludaya, kandi cyane cyane bukagirana isano n'itorero no ku bwoko bw'Imana muri rusange, ubwo buhanuzi bwanditswe mu rurimi rw'Igiheburayo, kandi nyine uru ni rwo rurimi Imana yahisemo guhishuramo inama zayo zose mu gihe cy'Isezerano rya Kera rifitanye isano n'Isezerano Rishya.»⁶⁷

UMURONGO WA 1 Mu mwaka wa gatatu Umwami Belushazari ari ku ngoma, jyewe Daniyeli neretswe ibikurikira ibyo neretswe ubwa mbere.

Ikintu kimwe cyigaragaza cyane mu biranga inyandiko zera, gishobora kuzirinda gushinjwa ko ari ibintu by'ibihimbano, ni ukuri n'ubwisanzure bikoresha n'abanditsi bazo, bakavuga ibyari birimo kuba mu gihe bandikaga ibivugwa muri izo nyandiko. Hano umurongo wa mbere uvuga igihe Daniyeli yaherewe iyerekwa. Umwaka wa mbere wa Belushazari ni umwaka wa 540 Mbere ya Kristo (M.K). Kubw'ibyo rero, umwaka wa 538. gatatu, uwo iri yerekwa ryatangiwemo, ugomba kuba umwaka wa 538. Kubera ko Daniyeli ashobora kuba yari afite imyaka hafi 20 igihe yajyanwaga bunyago i Babuloni mu mwaka wa mbere wo ku ngoma ya Nebukadinezari

⁶⁷ Adam Clarke, *Commentary on the Old Testament*, Vol.IV. p. 598, note on Daniel 8:1.

muri 606 M.K., rero igihe yahabwaga iri yerekwa, yari afite imyaka ikabakaba 88 y'ubukuru. Iyerekwa avuga ko yagize bwa mbere, nta gushidikanya ko ari iyerekwa ryo mu gice cya 7, iryo yahawe mu mwaka wa mbere wo ku ngoma ya Belushazari.

UMURONGO WA 2 Nkerekwa ibyo nagize ngo ndi ibwami i Shushani mu gihugu cya Elamu, ariko ubwo nabyerekwaga nari ku ruzi Ulayi,

Nk'uko umurongo wa mbere uvuga igihe iyerekwa ryatangiwe, uyu murongo uvuga ahantu umuhanuzi yaherewe iyerekwa. Shushani wari umurwa mukuru w'intara ya Elamu, intara yari mu maboko y'Abanyababuloni muri icyo gihe, kandi umwami w'i Babuloni yari ahafite ingoro ya cyami. Daniyeli nka ministiri w'igihugu wakoraga imirimo y'ibwami, yari aho hantu. Abradates, uwari wungirije umutware w'i Shushani, yifatanyije na Kuro, maze iyo ntara yihuza n'Abamedi n'Abaperesi; ku buryo, dukurikije ubuhanuzi buvugwa muri Yesaya 21:2, Elamu yajyanye n'Abamedi kugota Babuloni. Mu gihe cy'ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi, intara ya Elamu yongeye kugira ubwigenge yari yaranyazwe n'Abanyababuloni hakurikijwe ubuhanuzi buvugwa muri Yereimiya 49:39.

UMURONGO WA 3 nubuye amaso mbona impfizi y'intama ifite amahembe abiri, ihagaze ku ruzi. Ayo mahembe uko ari abiri yari maremare ariko rimwe ryasumbaga irindi, irirerire ni ryo ryaherukaga kumera. 4 Mbona iyo mpfizi y'intama igenda ishyamye yerekeye iburasirazuba n'ikasikazi n'ikusi, ntihagira inyamaswa ihangara kuyihagarara imbere, ntihaboneka ubasha kuziyikiza. Yagenzaga uko yishakiye, ikagira imbaraga.

Ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi.—Mu murongo wa 20, ubusobanuro bw'iki kimenyetso butangwa mu mvugo isobanutse: *"Impfizi y'intama yamahembe abiri wabonye, ni bo bami b'Abamedi n'Abaperesi"*. Ku bw'ibyo rero icyo tugomba kwitaho gusa, ni uburyo ubwo butegetsi buhura neza n'ikimenyetso cyavuzwe. Amahembe abiri yari ahagarariye amahanga abiri yari agize ubwo bwami. Iryari rirerire ni ryo ryari riherutse kumera. Iri ryerekanaga Ubuperesi bwari bumeze gusa nk'ubwaje gufasha Ubumedi mu ntangiriro, ariko nyuma yaho bukaza kuba umugabane uyoboye ubwami. Ibyerekezo impfizi y'intama yerekezagamo ni byo byerekezo Abamedi n'Abaperesi bagendaga bigarurira mu ntambara. Nta bwami bwashoboraga kubahagarara imbere uko barushagaho gutera intambwe bazamuka mu ntera ikomeye nk'uko Imana yari yabageneye. Bakomeje kugira ishya n'ihirwe mu ntambara ku buryo mu gihe cy'umwami Ahasuwerusi (Esiteri 1:1) ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi bwari bufite intara 127, bwaheraga mu Buhinde bukagera kuri Etiyopiya, ari na zo mbibi z'isi yari izwi muri icyo gihe.

UMURONGO WA 5 Nkibyitegereza mbona haje isekurume y'ihene iturutse iburengerazuba igenda idakozza amaguru hasi, ikwira isi yose. Kandi iyo sekurume y'ihene yari ifite ihembe rigaragara cyane hagati

y'amaso yayo. 6 Nuko itera ya mpfizi y'intama y'amahembe abiri nari nabonye ihagaze ku ruzi, iyivudukira ifite imbaraga n'uburakari bukaze. 7 Mbona yegereye iyo mpfizi y'intama irayirakarira, irayisekura iyivuna ayo mahembe yombi. Ya mpfizi y'intama ntiyari ifite imbaraga zo kuyihagarara imbere. Ahubwo iyo sekurume y'ihene iyikubita hasi irayisiribanga, ntihaboneka uwabasha gukiza iyo mpfizi y'intama imbaraga za ya sekurume y'ihene.

Ubwami bw'Ubugiriki.—Umuhanuzi aravuga ati: “Nkibyitegereza,” Hano tuhafite urugero rw'umuntu ukunda ukuri ndetse n'abantu bose bita ku bya Mwuka. Igihe Mose yari abonye igihuru cyaka, yaravuze ati: “Reka ntambike ndebe iri shyano riguye.” Mbega ukuntu ari abantu bake muri iki gihe bafite ubushake bwo gutambika bakareka gukurikirana inyungu n'ibinezeza kugira ngo bite ku nsanganyamatsiko Imana ishaka ko bitaho!

Ikimenyetso kivugwa ahangaha marayika yagisobanuriye Daniyeli. Yaramubwiye ati: “Ya sekurume y'igikomo ni umwami [cyangwa ubwami] w'i Bugiriki.” Umurongo wa 21. Ku bijyanye n'uburyo iki kimenyetso gihura rwose n'Ubugiriki, cyangwa abantu y'i Makedoniya, Thomas Newton avuga ko bona ko mu myaka 200 mbere y'ivuka rya Daniyeli “Abanyamakedoniya bitwaga *Ægeadae*, cyangwa *abantu b'ihene*.” Asobanura inkomoko y'iri zina yifashishije uko abanditsi b'abapagani babivugaga: “Caranus umwami wabo wa mbere, yari ajyanye n'Abagiriki benshi gushaka ahantu hashya ho gutura muri Makedoniya, yategetswe n'imana ze kujyana ihene kugira ngo zimuyobore zimugeze ku bwami: nuko nyuma yaho ubwo yari abonye umukumbi w'ihene ziguruka zituruka mu muyaga mwinshi, yarazikurikiye bagera ahitwa Edessa, maze ahashinga icyicaro cy'ubwami bwe, ahindura ihene ikirango cyangwa urugero ngenderwaho rwe, kandi yita uwo murwa *Ægeae*, cyangwa *umujyi w'ihene*, n'abantu abita *Ægeadae*, cyangwa *abantu b'ihene*. ... Umujyi wa *Ægeae* cyangwa *Ægea* hari ahantu hamenyereye guhambwa abami b'Abanyamakedoniya. Na none biragaragara cyane ko umwana w'umuhungu Alegizandere yabyaranye na Roxana yamwise *Alexander Ægeus*, cyangwa se *umwana w'ihene*; ndetse bamwe mu basimbuye Alegizandere ku ngoma berekanwa ku bicuri by'amafaranga bambaye amahembe y'ihene.”⁶⁸

Ihene “yaje iturutse iburengerazuba ikwira isi yose.” Ibyo ni ukuvuga ko Ubugiriki buri mu burengerazuba bw'Ubuperesi, kandi ko bwateye buturutse muri icyo cyerekezo. Ingabo z'Abagiriki zahanaguraga ikintu cyose zahuraga na cyo ku isi.

Ihene yagendaga “idakoza amaguru hasi.” Uko kwari ukwihuta gutangaje mu ngendo yakoraga, byasaga n'aho iguruka iva ahantu hamwe ikagwa ahandi ifite kwihuta nk'uk'umuyaga. Na none uwo muco wo kwihuta werekanwa n'amababa ane y'ingwe iboneka mu iyerekwa ryo muri Daniyeli 7, yerekana na none iryo shyamba.

68 Thomas Newton, *Dissertation on The Prophecies*, Vol. I, pp. 303, 304.

Alegizandere, "Thembe Ryagaragaraga Cyane"—Ihembe ryagaragaraga cyane ryari riri hagati y'amaso, risobanurwa mu murongo wa 21 ko ari umwami wa mbere w'ubwami bw'Abanyamakedoniya. Uyu mwami yari Alegizandere Mukuru.

Uburyo ubwami bw'Abaperesi bwahiritswe na Alegizandere bugaragara mu murongo wa 6 n'uwa 7. Intambara z'Abagiriki n'Abaperesi zivugwa ko zabaye mbi cyane. Bimwe mu bivugwa kuri zo mu mateka bizana mu bwenge ishusho yakoreshejwe mu buhanuzi—intama yari ihagaze ku nkombe z'umugezi, maze ihene irayivudukira "ifite imbaraga n'uburakari bukaze." Bwa mbere Alegizandere yabanje gutsinda abajenerali ba Dariyo ku mugezi witwa Granicus muri Furugiya. Nyuma yaho atera Dariyo aramukurikirana bagera ahitwa Issus muri Silisiya, nyuma yaho aza kumutsindira mu bibaya bya Arbela muri Siriya. Uru rugamba rwabaye mu mwaka wa 331 Nyuma ya Kristo., maze rushyira iherezo ku bwami bw'Abaperesi.

Iki gikorwa cyashoboje Alegizandere kwigarurira igihugu cyose. Ku bijyanye n'umurongo wa 6—"Nuko itera ya mpfizi y'intama y'amahembe abiri nari nabonye ihagaze ku ruzi, iyivudukira ifite imbaraga n'uburakari bukaze" - Thomas Newton aravuga ati: "Ni gake umuntu yasoma aya magambo maze akananirwa gutekereza ku ishusho y'ingabo za Dariyo zari zihagaze kandi zirinze umugezi wa Granicus, na Alegizandere ku rundi ruhande ari kumwe n'ingabo ze binjira muri uwo mugezi, bakawoga kugira ngo bawambuke, nyuma bakiroha ku banzi babo bafite umuriro n'ubukana udashobora kwiyumvisha."⁶⁹

Putolemi ni we watangiye gutegeka ubwami bwa Alegizandere mu mwaka wa 332 M.K., ariko umwaka wakurikiyeho nyuma y'urugamba rwabereye i Arbela, Alegizandere yahindutse "umwami utegeka ubwo bwami bwose uko bwakabaye nk'uko bwanganaga igihe bwari bufitwe n'abami b'Abaperesi."⁷⁰

Ku munsu ubanziriza uru rugamba, Dariyo yari yohereje abatware icumi bo muri bene wabo ngo bajye gushaka amasezerano y'amahoro. Igihe bari bamaze kubwira Alegizandere icyabagenzaga, bivugwa ko yabashubije atya ati: "Ijuru ntirishobora kurasirwamo n'amazuba abiri, n'isi ntishobora kugira abami babiri."⁷¹

Imvugo ikoreshwa mu muringo wa 7 yerekana uburyo ubwami bw'Abaperesi bwigaruriwe mu buryo bwuzuye na Alegizandere. Amahembe abiri yaravunitse, imfizi y'intama yakubita hasi maze irasiribangwa. Ubuperesi bwarigaruriwe, igihugu kirayogozwa, ingabo ziratemagurwa izindi ziratatanywa, n'imijyi irasahurwa. Umurwa wa cyami wa Persepolis wari umurwa mukuru w'ubwami bw'Abaperesi—nubwo ari amatongo, na

⁶⁹ Ibid., p. 306.

⁷⁰ Humphrey Prideaux, *The Old and New Testament Connected in the History of the Jews*, Vol. I, p. 378.

⁷¹ Walter Fogg, *One Thousand Sayings of History*, p. 210.

n'uyu munsu uracyari mu bitangarirwa byo mu isi y'iki gihe—wararimbuwe kandi uratwikwa. Bityo, ntabwo imfizi y'intama yari ifite imbaraga zo guhagarara imbere y'ihene, kandi nta muntu wari uhari wo kuyikiza.

UMURONGO WA 8 Isekurume y'ihene igira imbaraga nyinshi cyane, imaze gukomera iryo hembe rinini rivunika, mu cyimbo cyaryo hamera andi mahembe ane agaragara cyane, yerekeye mu birere bine by'ijuru.

Ihembe Rinini Ryavunitse.—Uwatsinze urugamba aba aruta uwatsinzwe. Imfizi y'intama, ari yo bwami bw'Abamedi n'Abaperesi, bwarakuze "burakomera;" isekurume y'ihene ari bwo bwami bw'Abagiriki burakura "burakomera cyane." "Igihe yari imaze gukomera, ihembe rinini ryavunitse." Mu mitekerereze ya kimuntu no guhuzagurika kwe, yari kuvuga ati: "Igihe yari amaze kuba inyantegenke, ubwami bwe bumaze kumungwa n'ubwigomeke, cyangwa se bumaze gucika intege kubera kwinezeza, nuko ihembe rizavunika, n'ubwami bumenagurike. Nyamara Daniyeli yabonye rivunika igihe yari amaze gukomera cyane, ageze mu bushorishori, igihe buri wese muri bene bwo yari kuvuga atangaye ati: "Ni ukuri ubu bwami bushinze imizi, kandi nta kintu kibasha kubuhirika!" Uko ni ko inshuro nyinshi bigendekera abanyabyaha. Ihembe ryo gukomera kwabo rivunika igihe bibwira ko bahagaze neza kurusha ikindi gihe cyose. Ibyanditswe byera biravuga bita: "Uwibwira ko ahagaze yirinde atagwa." 1 Abakorinto 10:12

Amahembe Ane Agaragara Cyane Aramera.—Nyuma y'urupfu rwa Alegizandere havutse guhangana hagati y'abayoboze be bashaka uwamusimbura. Nyuma y'impaka zikaze zamaze iminsi irindwi, bumvikanye ko umuvandimwe we Filipo Aridæus akwiriye kwimikwa. Uyu Filipo Aridæus n'abana babiri b'abahungu ba Alegizandere bari bakiri bato bitwaga Alegizandere Ægus na Hercules (Herikile) batumye izina no kugaragara k'ubwami bw'Abanyamakedoniya bimara igihe runaka biriho. Nyamara bidatinze abo bahungu barishwe, nuko umuryango wa Alegizandere urazima. Icyo gihe abagaba b'ingabo bakuru, bari baragiye mu bice bitandukanye by'ubwami nk'abatware bayoboraga intara, bafashe izina ry'icyubahiro rya cyami. Bahise batangira kurwana ku buryo nyuma y'imyaka mike Alegizandere apfuye umubare wabo wagabanutse hagasigara bane—wa mubare nyirizina wavuzwe n'ubuhanuzi.

Amahembe ane agaragara cyane yagombaga kumera mu mwanya wa rya hembe rinini ryavunitse, akerekera mu birere bine by'ijuru. Ayo mahembe ni Cassander (Kasanderi) wafashe Ubugiriki n'ibihugu bibukikije; Lysimachus (Lisimakusi) wafashe Aziya ntoya; Seleucus (Selewukusi) wafashe Siriya na Babuloni, uyu ni we abami bamenyekanye ku izina ry'"Abaselewuside" bakomotseho. Aba babaye ibirangirire mu mateka; noneho Ptolemy (Putolemi) umwana wa Lagus atwara Egiputa, kandi ni we abamenyekanye nk' "Abalagide" bakomokaho. Aba bafashe ubutegetsu bategeka berekeje mu birere bine by'ijuru. Kasanderi yari afite ibice by'uburengerazuba; Lisimakusi yari afite ibice by'amajyaruguru; Selewukusi

afata ibice by'uburasirazuba; noneho Putelemi afata ibice by'ubwami by'amajyepfo. Kubw'ibyo rero, aya mahembe ane ashobora kwitwa Makedoniya, Thrace (ari cyo gice cyari gikubiyemo Aziya Ntoya, ibice bihereranye na Hellespont ndetse na Bosphorus), Siriya na Egipta.

UMURONGO WA 9 Kuri rimwe muri ayo hashamikaho agahembe gato karakura cyane, kaba rinini ryerekeye ikusi n'iburasirazuba n'igihugu gifite ubwiza. 10 Rihinduka rinini rigera mu ngabo zo mu ijuru, ndetse ingabo zimwe n'inyenyeri zimwe ribijugunya hasi rirabisiribanga. 11 Nuko ririkuza ndetse ryireshyesha n'umugaba w'ingabo, rimukuraho *igitambo* gihoraho kandi ubuturo bwera burasenyuka. 12 Izo ngabo hamwe n'*igitambo* gihoraho, bihanwa mu butware bwaryo ku bw'igicumuro. Iby'ukuri ribijugunya hasi, rikajya ribasha ibyo rigambiriye.

Agahembe Gato Karamera.—Hano mu buhanuzi hinjiyemo ubwami bwa gatatu. Mu busobanuro Daniyeli yahawe na marayika, iki kimenyetso ntabwo gisobanurwa mu buryo bwumvikana nk'uko ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi ndetse n'ubw'Abagiriki busobanurwa.

Hari ubusobanuro bubiri muri rusange butangwa kuri iki kimenyetso dukeneye kwerekana muri aya magambo magufi. Ubusobanuro bwa mbere ni uko "agahembe gato" kerekana umwami w'Abasiriya witwa Antiyokusi Epifane (Antiochus Epiphanes). Ubusobanuro bwa kabiri butangwa ni uko ako gahembe kerekana ubutegetsi bwa Roma. Gusuzuma ubu busobanuro bwombi ni ikintu cyoroshye.

Mbese Agahembe Gato Kerekana Antiyokusi?—Niba Antiyokusi Epifane (Antiochus Epiphanes) atujuje ibivugwa mu buhanuzi, guhuza ubusobanuro na we ntabwo byaba bishoboka. Agahembe gato katurutse kuri rimwe mu mahembe ane y'ihene. Kubw'ibyo rero, ni ubutegetsi bwihariye butandukanye n'ayo mahembe yandi y'ihene. Mbese Antiyokusi yaba yarabaye umutegetsi nk'uwo?

Mbese Antiyokusi ni muntu ki? Uhereye igihe Selewukusi yiyimikaga ngo abe umwami wa Siriya, umwe mu migabane y'ubwami bwa Alegizandere bityo agahinduka rimwe mu mahembe y'ihene ryashushanyaga Siriya kugeza ubwo icyo gihugu cyaje gutsindwa na Roma, abami 26 basimburanye mu gutegeka icyo gihugu. Umwami wa munani muri bo yari Antiyokusi Epifane (Antiochus Epiphanes). Nuko rero, Antiyokusi yari umwe mu bami 26 bategetse Siriya nka rimwe mu mahembe ya ya hene. Yari iryo hembe mu gihe runaka. Bityo rero, ntiyashoboraga kuba icyarimwe ubutegetsi butandukanye n'ubundi kandi bwigenga, cyangwa se irindi hembe kandi rigaragara cyane, nk'uko agahembe gato kari kameze.

Biramutse bishoboka guhuza ako gahembe gato n'umwe muri abo bami 26, kahuzwa n'uwari ufite imbaraga kandi akaba ikimenyabose kurusha abandi bose; ariko Antiyokusi nta na rimwe yigeze aba umwami ukomeye kurusha abandi muri urwo ruhererekane rw'abami bategetse Siriya. Nubwo yafashe izina rya Epiphanes risobanurwa ngo «Ikimenyabose», yari

ikimenyabose ku izina gusa. Umwanditsi witwa Prideaux avuga atya: "Nta kintu na kimwe cyavugwa ku butware bwa Polybius, Livy na Diodorus Siculus gishobora kwitirirwa imico ye nyakuri; bitewe n'ibibi bye n'ubugoryi bwo kwaya, abantu bamwe batekereje ko yari umusazi maze bahindura izina rye, aho kumwita Epiphanes bisobanura «ikimenyabose», bamwita Epimanes bisobanura «Umusazi.»⁷²

Antiyokusi Mukuru, se wa Antiyokusi Epifane (Antiochus Epiphanes), amaze gutsindwa n'Abaroma, yashoboye kugirana na bo amasezerano y'amahoro binyuze mu kubishyura umubare munini w'amafaranga kandi abaha umugabane w'igihugu cye. Nk'indahiro y'uko azubahiriza neza ibyo bamusabye muri ayo masezerano y'amahoro, yategetswe gutanga abantu ho ingwate, kandi muri bo harimo Epiphanes umuhungu we, wajyanywe i Roma. Guhera icyo gihe ugakomeza, Abaroma bakomeje kubagiraho ububasha bumeze butyo.

Agahembe gato kagombaga gukura kakaba kanini cyane; nyamara Antiyokusi Epifane (Antiochus Epiphanes) ntabwo yigeze akura ngo akomere cyane. Ibiri amambu, ntiyigeze yagura ubutegetsu bwe, uretse ahantu ho muri Egipta yatsinze by'igihe gito. Aho hantu yahise ahatakaza igihe Abaroma bari bafashe aho Putolemi yategekaga maze bamutegeka kuvana ibikorwa bye muri ako gace. Bitewe n'uburakari bwe bw'uko imigambi ye iburijwemo, yagerageje gutera Abayuda batajyaga bagira uwo bateraho amahane.

Agahembe gato kari gakomeye cyane ukagereranyije n'ubutegetsu bwakabanjirije. Ubuperesi bwiswe gusa ko bukomeye, nubwo bwari bugizwe n'intara 127. (Esiteri 1:1). Ubugiriki bwari burushijeho kwaguka bwiswe ko bukomeye cyane. Noneho agahembe gato, ka kandi kakuze cyane, kagomba kuba kanini cyane kuruta ubwo butegetsu bundi. Byaba bidasobanutse guhuza aka gahembe na Antiyokusi wategetswe n'Abaroma kuva muri Egipta ku gitugu. Ntibishobora gutwara umuntu igihe kinini mu gufata icyemezo ku kibazo cy'uwashushanywaga n'ubu bubasha bukomeye cyane—ni wa wundi wavanye abantu muri Egipta, cyangwa se uwategetse ko abantu bavayo.

Agahembe gato kagombaga guhaguruka kakarwanya umwami w'abami, kandi iyi mvugo iragenda ikarenga amakimbirane, ikagera kuri Yesu Kristo. (Daniyeli 9:25; Ibyakozwe n'intumwa 3:15; Ibyahishuwe 1:5). Nyamara Antiyokusi yapfuye mu myaka 164 mbere yuko Umwami wacu Yesu Kristo avuka. Ubuhanuzi rero ntibushobora guhura na we, kubera ko nta kintu na kimwe ahuza n'ibivugwa n'ubuhanuzi. Hari ikibazo rero gishobora kubazwa ni iki: "Ni ukubera iki hari uwiyeze kugerageza guhuza ubuhanuzi n'uyu muntu?" Dusubiza tuvuga yuko Abagatulikana b'i Roma ari bo batanga iki gitekerezo kugira ngo bayobye uburari, bityo abantu be kuvuga ko ari bo ubwabo bujije ibivugwa n'ubuhanuzi; kandi benshi mu Baprotestanti

⁷² Humphrey Prideaux, *The Old and New Testament Connected in the History of the Jews*. Vol. II, pp. 106, 107.

bakurikiza ubusobanuro bwabo, bisa n'aho ari ukugira ngo barwanye inyigisho ivuga ko kugaruka kwa Kristo kwegereje.

Agahembe Gato Kerekana Roma.—Kwerekana ko agahembe gato kadasobanura Antiyokusi Epifane (Antiochus Epiphanes) byabaye ikintu cyoroshye. No kugaragaza ko agahembe gato kerekana Roma na byo bizaba ikintu cyoroshye.

Icyerekezo cy'iyerekwa dufite hano ni kimwe n'icy'iyerekwa Nebukadinezari yahawe ryerekeye igishushanyo kinini muri Daniyeli 2, ndetse n'iyerekwa ryo muri Daniyeli 7. Mu busobanuro bw'ubu buhanuzi bw'uburyo bubiri, twabonye ko ubutegetsu bwashimbuye Ubugiriki nk'ubwami bukomeye bwa kane bwari Roma. Ikintu umuntu yahita abona bitagoye ni uko agahembe gato, ubutegetsu bwakurikiye Ubugiriki mu iyerekwa nk'ubwami bukomeye cyane, na none ari Roma.

Agahembe gato gakomoka kuri rimwe mu mahembe y'ihene. Umuntu ashobora kubaza ati: "Ni mu buhe buryo ibyo bishobora kuba ukuri kuri Roma?" Ubutegetsu bwo mu isi ntibuvugwa mu buhanuzi, keretse gusa iyo bugize aho buhurira n'ubwoko bw'Imana. Roma yagize aho ihurira n'Abayuda, ari bo bari ubwoko bw'Iman muri kiriya gihe binyuze mu kintu cyamenyekanye nk'Amasezerano y'Abayuda mu mwaka wa 161 M.K.⁷³, Roma yari yatsinze Makedoniya, maze icyo gihugu igihindura umugabane ugize ubwami bwayo. Bityo Roma itangira kuvugwa mu buhanuzi, uhereye igihe ubwami bwa Makedoniya nka rimwe mu mahembe y'ihene yari imaze guhirikwa, maze ikaba yari igiye gukomeza izindi ntambara zo kwigarurira ibihugu mu bindi birere by'ijuru. Byagaragariye umuhanuzi nk'aho bwavuye muri rimwe mu mahembe ya ya hene.

Agahembe gato kakuze kerekeza mu majyepfo. Ibi ni ukuri kuri Roma. Egipta yahindutse umugabane w'ubwami bwa Roma mu mwaka wa 30 Mbere ya Kristo., kandi yakomeje kuba iyabo mu binyejana runaka byakurikiyeho.

Agahembe gato kakuze cyane kerekeza uburasirazuba. Ibi na byo ni ukuri kuri Roma. Yatsinze Siriya mu mwaka wa 65 Mbere ya Kristo, iyihindura intara yayo.

Agahembe gato kakuze kerekera mu gihugu cy'ubwiza. Ni ko Roma yabigenje. Mu masomo menshi yo mu Byanditswe, Yudeya yitwa "igihugu cy'ubwiza." Abaroma bayihinduye imwe mu ntara zigize ubwami bwabo mu mwaka wa 63 Mbere ya Kristo., kandi birumvikana bashenye umurwa wabo n'urusengero, kandi batatanyiriza Abayuda mu birere bitandukanye by'isi.

Agahembe gato karakuze, kagera no mu ngabo zo mu ijuru, nuko gafata zimwe muri zo, ndetse n'inyenyeri kabijugunya hasi." Ibi na byo Roma

⁷³ See 1 Maccabees 8; Flavius Josephus, "Antiquities of the Jews," book 12, chap. 10, sec. 6, *Works of Flavius Josephus*, p. 374; Humphrey Prideaux, *The Old and New Testament Connected in the History of the Jews*, Vol. II, p. 166.

yarabikoze. Muri aya magambo, hakoreshwamo imvugo shusho ebyiri: "ingabo" n'"inyenyeri". Iyo izi mvugoshusho zikoreshejwe nk'ibimenyetso bivuga ku bintu biri kuba mu isi, hafi ya buri gihe zisobanura abantu b'Imana n'abayobozi babo. Mu murongo wa 13 w'icyo gice tusomamo yuko ubuturo bwera n'ingabo bizasiribangwa munsu y'ibirenge. Nta gushidikanya ko hano icyo ubuhanuzi burenguriraho ni ubwoko bw'Imana n'ahantu ho gusengera Imana. Inyenyeri ubusanzwe zisobanura abayobozi b'umurimo w'Imana. Iki gitekerezo cyongera kwerekanwa muri bumwe mu busobanuro bwo mu Byahishuwe 12:4, aho dusoma yuko ikiyoka kinini gitukura, (nk'ikimenyetso cya Roma), kijugunya hasi kimwe cya gatatu cy'inyenyeri zo mu ijuru.

Agahembe gato "karikujije kireshyeshya n'Umugaba w'ingabo." Roma yonyine ni yo yakoze ibingibi. Mu busobanuro butangwa (ku murongo wa 25), agahembe gato kavugwa ko "kazahagurukira kurwanya Umwami w'abami." Ibi biragaragara neza ko ari amarenga yerekeza ku kubambwa k'Umwami wacu aciriwe urubanza n'Abaroma.

Roma Yigaragaza mu Buryo Bubiri.—"Igitambo cya buri munsu" cyakuweho n'agahembe gato. Aka gahembe gato gashushanya Roma mu mateka yayo yose, hakubiyemo ibika byayo bibiri: Roma ya gipagani na Roma ya gipapa. Ibyo bika byombi ahandi bivugwa nk' "igihoraho" (*igitambo* ni ijamba ryongeweho) n'"igicumuro kinyagisha;" (*igicumuro*) gihoraho gisobanura mu buryo bugaragara uburyo bwa gipagani, n'igicumuro kinyagisha, kigasobanura ubupapa. (Reba ubusobanuro bwo ku murongo wa 13). Mu bikorwa bivugwa kuri ubu butegetsi, rimwe na rimwe havugwa ibikorwa bya Roma ya gipagani ubundi hakavugwa ibya Roma ya gipapa. Roma ya gipagani yakuweho n'ubupapa. Roma ya gipagani yavugururwemo Roma ya gipapa. "Ahantu h'ubuturo bwayo," cyangwa se ho kuramiriza Imana, ari ho mujiyi wa Roma, hajugunywe hasi (cyangwa harasenywe). icyicaro cy'ubutegetsi cyimuwe n'[umwami w'abami] Constantine kijyanwa i Constantinople mu mwaka wa 330 Nyuma ya Kristo. Iki gikorwa cyongera kugaruka mu Byahishuwe 13:2 ahavugwa ko ikiyoka [ari cyo Roma ya gipagani,] cyahaye inyamaswa [Roma ya gipapa] intebe yacyo ari yo mujiyi wa Roma.

"Agahembe gato kahawe aho kuba [umujiyi] gakuraho igitambo gihoraho." Ababarubare babujije amahwemo ubwami bwa Roma bakoresheje kubuhindura, kugenda babusenyanya buhoro buhoro, no guhindagura kwariho mu icyo gihe, bahindukiriye ukwizera kw'Abagatulika, maze bahinduka ibikoresho byo gukuraho imyizerere bahoranye. Nubwo bari batsinze Roma mu buryo bwa politiki, na bo bari batsinzwe mu buryo bw'iyobokamana maze bigarurirwa n'iyobokamana rya Roma, ndetse bahinduka abakwirakwiza ibyayo mu kindi gika. Ibi byavuzwe nk'impamvu y'"igicumuro;" ni ukuvuga, ku bw'umurimo w'amayoberane y'ubugome. Ubupapa bushobora kwitwa urusobe rw'ubugome kubera ko bwakoze ibibi byabwo bwitwikiriye iyobokamana itunganye kandi itanduye. Ubwo mu kinyejana cya mbere Pawulo yavugaga kuri iyi gahunda ipfuye

y'iyobokamana yandikiye Abanyatesaloniki avuga ko, "amayoberane y'ubugome n'ubu yatangiye gukora." 2 Abatesalonike 2:7.

Agahembe gato 'kajugunye iby'ukuri hasi, karakora ndetse kagubwa neza." Ibi bivuga muri make umurimo w'ubupapa n'uko bukora. Ukuri bwaraguhindaniye, bukuzuzamo imigenzo, buguhindura amarenga n'ubupfumu, bukujugunya hasi ndetse burakwijimisha.

Ubu bubasha buvugwaho ko "bwakoze"—bwashyize mu bikorwa ibinyoma byabwo buyobya abantu, bushyira mu bikorwa imigambi yabwo y'ubucakura kugira ngo bugera ku byo bushaka kugeraho kandi bukuze ndetse bwagure ubushobozi bwabwo.

Muri ubwo buryo na none "bwaguwe neza." Bwarwanyije abera ndetse burabanesha. Busa n'aho bwendaga kurangiza igihe n'umurimo bwahawe, kandi bidatinze buzamenagurika ntawe ubukozeho, maze bujugunywe mu muriro ugurumana, burimbura n'ubwiza bukongora bwo kugaruka k'Umwami wacu.

Roma yujuje neza ibivugwa mu buhanuzi byose. Nta bundi butegetsi buhuza neza na byo. Ku bw'ibyo rero, Roma ni yo butegetsi buvugwa. Ububabwira bwahumetswe butangirwa mu ijamba ry'Imana ku bijyanye n'imitere n'imico by'ubu butegetsi, buhura na bwo mu buryo bwuzuye, kandi ubuhanuzi bwerekeranye na bwo bwarasohoye mu buryo bugaragara neza kandi butarimo ikosa dukurikije iby'amateka yerekana.

UMURONGO WA 13 Nyuma numva uwera avuga, maze undi wera abaza uwo wavugaga ati "Ibyo byerekanywe by'igitambo gihoraho n'igicumuro kinyagisha bizageza ryari, ubwo ubuturo bwera n'izo ngabo bizasiribangwa?" 14 Aransubiza ati: "Bizageza iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa."

Igihe mu Buhanuzi.—Iyo mirongo ibiri yo mu gice cya 8 isoza neza iyerekwa. Izana indi ngingo yasigaye yagombye gushishikaza umuhanuzi ndetse n'itorero kurenza izindi ngingo zose, by'umwihariko ikijyanye n'ingano y'igihe ubutegetsi burimbura bwavuzwe ahabanza buzamara. Mbese *buzamara igihe kireshya gite burenganya ubwoko bw'Imana?* Iyo Daniyeli aza guhabwa igihe, ubwe yari kubaza iki kibazo, ariko kubera ko Imana iba yiteguye ibyo twifuza, rimwe na rimwe isubiza ibibazo byacu mbere yuko tubibaza.

Ibiremwa bibiri byo mu ijuru biganira kuri iyi ngingo. Iki ni ikintu cy'ingenzi itorero rikwiriye gusobanukirwa. Daniyeli yumvise uwera avuga. icyo uyu wera yavuze ntabwo tukizi. Ariko undi wera yabajije ikibazo cy'ingenzi ati: "Ibyo byerekanywe bizageza ryari?" Ikibazo n'igisubizo byombi biranditswe, ari na byo gihamya icy'ingenzi cyane cyerekana yuko itorero rikwiriye gusobanukirwa neza iyi ngingo. Iki gitekerezo gihamya na none n'uko igisubizo cyahawe Daniyeli, nk'aho ari we warebwaga cyane n'icyo kibazo, kandi ayo makuru akaba ari we yari agenewe.

Iminsi 2300.—Marayika yaravuze ati: “Bizageza iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu uko bukeye bukira, nyuma ubuturo bwera buzabone kwezwa.” Hari ikibazo gishobora kubazwa ngo: Ni ukubera iki Bibiliya y’Ikigiriki yavanywe mu Giheburayo ya Vatikani(LXX) ifata uyu mubare ikawuhindura 2400? Kuri iyi ngingo S.P. Tregelles yaranditse ati:

“Bamwe mu banditsi banditse ku by’ubuhanuzi, mu busobanuro baha ubuhanuzi, bahisemo gusoma ‘iminsi 2400;’ kandi mu kugerageza gusobanura ibyo, bifashishije kopi y’ingeri ya Bibiliya yiswe LXX. Nyamara muri iki gitabo, ingeri ya Bibiliya yahinduwe n’uwitwa Theodotion igihe kinini yagiye isimbuzwa ingeri y’ukuri ya Bibiliya yiswe LXX: kandi na none, nubwo iminsi 2400 iboneka muri Bibiliya rusange ziri mu Kigiriki, ni ikosa ryakozwe mu gihe cyo gucapa Bibiliya yahinduwe na Vatikani mu 1586, ari na yo yakunze gukwirakwizwa. Narebye (mu mwaka wa 1845) uwo murongo muri Bibiliya ya Vatikani (MS), iyo amacapiro ya Vatikani avuga ko akurikiza, nsanga ifite neza neza amagambo amwe n’ayo mu Giheburayo [iminsi ibihumbi bibiri na magana atatu]; kandi ni nako ingeri ya Bibiliya y’Ikigiriki y’ukuri (LXX) ivuga uwo murongo wo muri Daniyeli. (Na none ni ko bimeze no kuri Bibiliya yasohowe n’Umukaridinali witwa Mai afatiye ku ngeri ya Vatikani (MS) yasohotse mu mwaka wa 1857.”⁷⁴

Na none mu gushimangira ukuri kw’igihe kingana n’iminsi 2300, dusubira mu magambo akurikira:

“Bibiliya y’Ikigiriki ikunze gukoreshwa muri rusange, nk’uko muzabibona mu byo Prideaux na Horne bavuze, yacapwe hadakurikijwe ya ngeri yiswe 70, ahubwo yacapwe hakurikijwe iya Theodotion yateguwe ahagana mu iherezo ry’ikinyejana cya kabiri. Hari ingeri eshatu ngenderwaho za Bibliya y’Ikigiriki yakuwe mu Giheburayo [LXX cyangwa Septuagint]⁷⁵ zose kandi zivuga ubuhanuzi bwa Daniyeli zikoresheje uburyo Theodotion yabivuzemo. Izo ni iyitiriwe Complutensian yasohotse mu 1514; iyitiriwe Aldine yasohotse mu 1518; n’iyanditswe na Vatikani mu 1587, ari na zo zakomotsweho n’ingeri za nyuma za Bibiliya za 70 zo mu rurimi rw’Icyongereza. Kuri izo ngeri eshatu, dushobora kongeraho iya kane, ya yindi yandikiwe Alexandria, igasohoka hagati y’umwaka wa 1707 na 1720. Uretse izingizi, hari indi yiswe Chisian yasohotse mu mwaka wa 1772, irimo inyandiko y’Ikigiriki imwe yarakomotse ku ngeri ya Theodotion n’izindi nyandiko zavuye muri Bibiliya yiswe iya 70 (LXX). Muri izo ngeri esheshatu zose za Bibiliya, iya Vatikani yonyine ni yo ifite “iminsi 2400” naho izindi zose zisigaye zihuza n’iy’Igheburayo na Bibiliya zacu z’Icyongereza. Kandi na none, iyanditswe n’intoki ubwayo muri Bibiliya ya Vatikani iyo ya yindi yindi yacapwe yakomotseho, na yo ifite iminsi 2300, ntabwo ari 2400; kandi kubw’ibyo, ntawajya impaka avuga ko umubare 2400 utakomotse ku ikosa ryabayeho mu gihe cyo gucapa.”⁷⁶

⁷⁴ S. P. Tregelles, *Remarks on the Prophetic Visions in the Book of Daniel*, p. 89, footnote.

⁷⁵ La Septente

⁷⁶ *Dialogues on Prophecy*, Vol. 1, pp. 326, 327.

Aya magambo yerekana ko umuntu atakwiringira ubu buryo Vatikani yahinduyemo amagambo yo muri Bibiliya y'Ikigiriki.

Mbese "Ighoraho" ni Iki?—Dufite igihamya mu murongo wa 13 ko "igitambo" atari ryo jambo ryagombaga gukoreshwa aha hantu ngo barihuze n' "ighoraho." Niba gukurwaho kw'igitambo gihoraho cyo mu mirimo yakorwaga n'Abayuda ari cyo kivugwa hano, nk'uko benshi babitekereza, (ubundi se ni ikihe gitambo cyaba cyarigeze gukurwaho mu gihe runaka?). Iki kibazo ngo 'ibyo byerekanywe *bizageza ryari?*' ntabwo cyaba kiri mu mwanya ukwiriye. Biragaragara ko iki kibazo kivuga ku bintu bivugwa mu iyerekwa byabayeho mu myaka runaka. Ugukomeza kw'igihe [bizageza ryari] ni ingingo nyamukuru. Igihe cyose kivugwa mu iyerekwa cyuzuyemo ibyo hano bita "ghoraho" n' "igicumuro kinyagisha." Bityo rero, igihoraho ntabwo cyaba gisobanura igitambo cya buri muni cyatambwaga n'Abayuda, kubera ko ubwo igihe cyageraga ngo gikurweho, icyo gikorwa cyafashe akanya gato gusa, igihe umwenda ukingiriza ahera h'urusengero watabukagamo kabiri ubwo Kristo yabambwaga. Kigomba gusobanura ikintu kimara igihe cy'imyaka runaka. Ijambo hano ryahinduwe ngo "ghoraho" riboneka mu Isezerano rya Kera inshuro 102 dukurikije ururimi rw'Igiheburayo. Mu ngero nyinshi cyane hakoreshwa ijambo "gikomeza" cyangwa "mu buryo bukomeza." Igitekerezo cy'igitambo ntabwo gihura n'iri jambo rwose. Bishatse kuvuga ko ijambo ryongewemo, abahinduraga ururimi barishyizemo ngo buzuzemo icyaburaga bakurikije uko biyumvishaga ibintu. Biragaragara rero ko bashyigikiye imyumvire irimo amakosa, ibitambo byatambwaga n'Abayuda ntabwo ari byo byavugwaga rwose. Ahubwo ukurikije imyubakirwe y'interuro n'icyerekezo cy'ibivugwa, bisa n'aho byaba ari ukuri umuntu atekereje ko "ighoraho" birengurira ku bubasha kirimbuzi mbese nk' "igicumuro kinyagisha" icyo bifitanye isano. Ubwo rero twaba dufite ububasha kirimbuzi bubiri bwamaze igihe kirekire butoteza cyangwa buyogoza itorero. Ubikoze ijambo ku ijambo, aya magambo wayavuga utya uti: "Mbese ibyo byerekanywe n'igicumuro kinyagisha bizamara igihe kingana iki?"—ijambo "kinyagisha [cyangwa se kirimbuzi] ryisanisha n'ijambo "gikomeza" ndetse n' "igicumuro" nk'aho byaba bivuzwe mu magambo arambuye ngo: ukurimbura gukomeza n'igicumuro kinyagisha [kirimbuzi]."

Ububasha Bubiri Kirimbuzi.—Iyo havuzwe kurimbura gukomeza cyangwa se kurimbura kw'igihe kinini, twumva ubupagani mu gihe cyose bwamaze mu mateka. Iyo turebye igihe kinini ubupagani bwamaze ari igikoresho gikomeye Satani yakoresheje arwanya umurimo w'Imana ku isi, tubona ko gukoreshwa kw'ijambo "ugukomeza" cyangwa se "by'igihe kirekire" gukwiriye. Muri ubwo buryo na none dusobanukirwa ko "igicumuro kirimbuzi" [kinyagisha] gisobanuye ubupapa. Amagambo asobanura ubu bubasha araremereye kurenza ayakoreshejwe mu gusobanura ubupagani. Ni igicumuro (cyangwa ubugome nk'uko n'ubundi iryo jambo risobanurwa) kirimbuzi; ni nk'aho muri kiriya gihe cy'amateka

y'itorero, ububasha kirimbuze bwari bwarigometse ku butware bwari busanzwe bubuyobora mbere hose.

Tubirebeye mu ndorerwamo y'iby'iyobokamana, isi yerekanye ibi bihe bibiri bikomeye byo kurwanya umurimo w'Uwiteka ku isi. Kubw'ibyo, nubwo ubutegetsi butatu bwo ku isi buvugwa mu buhanuzi nk'ubwarenganyije itorero, bukorerwa urutonde munsu y'imitwe y'amagambo ibiri: "igihoraho" [cyangwa by'igihe kirekire] n' "igicumuro kirimbuze." Ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi bwari ubupagani; Ubugiriki bwari ubupagani; na Roma mu gika cyayo cya mbere yari ubupagani. Ubu butegetsi butatu bukubiye mu cyitwa "gihoraho." Noneho hagakurikiraho uburyo bw'ubupapa, ari bwo "igicumuro kirimbuze," ubuhanga n'ubucakura butangaje, ubwicanyi bwiyoberanyije. Nta gitangaje ko amajwi y'abahowe Imana yazamutse mu ijuru uko ibihe bihaye ibindi avuga ati: "Mwami Imana uzageza ryari?" Ntibitangaje kuba Uwiteka yareretse abana be basiribangwa ibizabaho mu gihe kizaza cy'amateka y'isi, kugira ibyiringiro byo mu mitima yabo bidapfa burundu. Ubu butegetsi bwose burenganya buzahura no kurimbuka gukomeye kandi kw'iteka ryose. Ku bacunguwe, hirya y'ubuzima bwa none bwuzuyemo umubabaro n'agahinda hari ubwiza butagajuka.

Ijisho ry'Uwiteka riri ku bwoko bwe. Ntibizasaba ko itanura ryenyegezwa ngo ryake cyane kurusha uko bisanzwe kugira ngo rikongore ibishingwe. Tuzinjira mu bwami tunyuze mu mubabaro mwinshi. Ijambo "umubabaro" riva ku ijambo "*tribulum*" risobanura umuhini baturisha. Umuyaga ugomba guhaha kuri twe kugeza ubwo ingano zahuwe zitandukanwa rwose n'umurama, bityo tukaba dukwiriye guhunika mu bigega byo mu ijuru. Nyamara nta ruheke na rumwe rw'ingano ruzazimira.

Uwiteka abwira ubwoko bwe ati: "Muri umucyo w'isi," kandi ati "muri umunyu w'isi." Mu maso ye nta kindi kintu kiri ku isi gifite agaciro cyangwa kimushishikaje. Ku bw'ibyo rero ikibazo cyihariye kirabazwa ngo: "Bizageza ryari...ibyerekanywe birebana n'igihoraho n'igicumuro kinyagisha?" Ngo byerekeranye n'iki?—mbese n'ibijyanye n'ubwiza bwo kuri iyi si? ubuhanga bw'abarwanyi b'inzobere? kumenyekana kw'abaneshi bakomeye mu ntambara? ugukomera k'ubwami bw'abantu?—Oya si ibyo, ahubwo ni ibijyanye n'ubuturo, ingabo, abantu ndetse no kuramya Isumbabyose. Mbese bizasiribangwa kugeza ryari? Aha ni ho haboneka ibishishikaje abo mu ijuru ndetse n'uburyo bababarana n'abantu b'Imana.

Ukora ku bwoko bw'Imana, ntabwo aba akoze ku bantu bapfa gusa, abanyantegenke n'abadafite kivurira, ahubwo aba akoze ku Ushoborabyose. Aba atangije urubanza ruzacirwa mu nkiko zo mu ijuru. Bidatinze izi manza zose zizashyirwa ku murongo kandi akatsinsino k'icyuma karenganya kazajanjagurwa. Ubwoko bw'Imana buzavanwa mu itanura ry'ibigeragezo bwiteguye kurabagirana nk'inyenyeri iteka ryose. Buri mwana w'Imana wese ashishikaje ibiremwa byo mu ijuru, uwo Imana

ikunda kandi ikaba iri kumutegurira ikamba ryo kudapfa azambikwa nyuma y'ubu buzima. Musomyi, mbese uri umwe mu bagize uwo mubare?

Muri iki gice nta makuru arimo yerekana iby'iminsi 2300 yavuzwe ku nshuro ya mbere mu murongo wa 14. Bityo rero, ni ngombwa ko tubaho iki gihe turimo nk'uko dukwiriye kukibamo. Nubwo bimeze bityo, nimureke buri musomyi agire ibyiringiro by'uko tutasizwe mu gihirahiro ku bijyanye n'iyi minsi. Gutangarizwa iyi minsi ni umugabane w'ihishurirwa ryatangiwe kwigisha ubwoko bw'Imana, kandi rikwiriye gusobanuka. Iminsi 2300 ivugwa hagati mu buhanuzi marayika Gaburiyeli yategetswe gusobanurira Daniyeli. Aya mabwiriza Gaburiyeli yarayubahirije nk'uko tuzabibona igihe tuzaba twiga igice gikurikiraho.

Mbese Ubuturo Bwera ni Iki?—Hari indi ngingo nayo y'ingenzi ikwiriye kwitabwaho ahangaha kandi ifitanye isano n'iminsi 2300. Iyo ngingo ni ubuturo bwera. Kuri iyi ngingo hiyongeraho ikindi cyigwa cyo kwezwa kwabwo. Gusuzumana ubwitonzi iyi ngingo bizahishura uburyo ari ingenzi gusobanukirwa itangiriro n'iherezo ry'iminsi 2300, kugira ngo tubashe kumenya igihe igikorwa gikomeye cyo "kwezwa k'ubuturo" kigomba kubera. Abatuye mu isi bese, nk'uko tuzabibona mu gihe gikwiriye, buri wese afite inyungu zihariye ziva muri uwo murimo ukomeye.

Hari ibitekerezo byinshi cyane abantu bagiye bagira ku cyo ubuturo bwera ari cyo, aho bavuga ko ari isi, abandi bakavuga ko ari igihugu cy'i Kanani, abandi bakavuga ko ari itoreri, ndetse n'ubuturo bwo mu ijuru, ari ryo "hema ry'ukuri ryubatswe n'Imana ubwayo, iritarubatswe n'intoki z'umuntu" buri mu ijuru, ubwo ubuturo bw'Abayuda bwashushanyaga cyangwa bwari igicucu cyabwo (Abaheburayo 8:1,2; 9:23,24). Muri iyi myumvire yose ivuguruzanya, iy'ukuri igomba kwemezwa hashingiwe ku Byanditswe Byera. Kubw'amahirwe igihamba ntabwo ari gito cyangwa ngo kibe kirimo urujijo.

Ubuturo Ntibushobora Kuba Isi.—Ijambo "ubuturo" riboneka inshuro 144 mu Isezerano rya Kera no mu Isezerano Rishya. Duhereye ku busobanuro butangwa n'abantu bandika inkoranyamagambo, ndetse no ku mikoresherezwe y'iri jambo muri Bibiliya, tubona yuko rikoresheba bashaka kuvuga ahantu hera cyangwa hejejwe, ahantu Isumbabyose ituye. Niba isi ari ubuturo, igomba kuba ihuye n'ubu busobanuro. Mbese ni ikihe kintu mu biranga isi gihuye n'ubusobanuro bw'iri jambo? Isi ntabwo ari ahantu hera, yewe ndetse nta n'ubwo ari ahantu hejejwe, ndetse si ahantu Isumbabyose ituye. Ntaho itandukaniye n'indi mibumbe, uretse gusa ko ari umugabane wigometse, wahindaniye n'icyaha, ufite inkovu z'ibicumuro kandi ukaba uraba nk'ibyatsi. Ikindi kandi, nta hantu na hamwe mu Byanditswe hagaragaza ko isi ari ubuturo. Umurongo umwe gusa ni wo umuntu ashobora gutanga ngo ashyigikire iyi myumvire, kandi ibyo yabikora asobanura ibintu bidatekerekewe neza. "Ibiri by'icyubahiro by'i Lebanoni bizaza aho uri, imyerezi n'imiberoshi n'imateyashuri bizazira hamwe, kugira ngo birimbishe ubuturo bwanjye bwera, kandi aho nshyira

ibirenge byanjye nzahubahiriza" (Yesaya 60:13). Nta gushidikanya, iyi mvugo irarengurira ku isi nshya; ariko nubwo yaba ari n'isi nshya, na yo ntiyakwitwa ubuturo bwera, hakwitwa gusa "ahantu" h'ubuturo bwera, mbese nk'uko hitwa "ahantu" h'ibirenge by'Uwiteka. Iyi ni imvuga ishobora kuba yerekana kubana n'abantu kw'Imana mu buryo buhoraho nk'uko byabwiwe Yohana igihe havugwaga ngo: "Dore ihema ry'Imana riri hamwe n'abantu kandi izaturana na bo, na bo bazaba abantu bayo kandi Imana ubwayo izabana na bo ibe Imana yabo." (Ibyahishuwe 21:3). Kubw'ibyo, ibintu byose bishobora kuvugwa ku isi, ni uko igihe izaba yagizwe nshya, izahinduka ahantu ubuturo bw'Imana buzaba buri. Ntishobora kuburana yuko ari ubuturo muri iki gihe, cyangwa se ubuturo buri mu buhanuzi bwa Daniyeli.

Ubuturo Ntibushobora Kuba Igihugu cy'i Kanani.—Igihe cyose twaba tugendeye ku busobanuro bw'ijambo "Kanani" nta tandukaniro ryaba riri hagati yaryo n'ubusobanuro twabonye ku ijambo *isi*. Turamutse tubajije aho ijambo Kanani risobanura ubuturo muri Bibiliya, twabona imirongo mike bamwe batanga nk'igihamya. Umurongo wa mbere ni mu Kuva 15:17 Mose mu ndirimbo ye yo kunesha no guhimbaza Imana ubwo bari bamaze kwambuka inyanja itukura, yatangaye ati: "Uzabugezayo ubushinge ku musozi w'umwamu wawe, ahantu witunganirije kuba ubuturo bwawe, Uwiteka, ahera amaboko yawe yashyizeho, Mwami." Hano Mose aravuga ku byo yari ategereje kuzabona. Imvugo ye ihanura ibyo Imana yari gukorera ubwoko bwayo. Nimutyo turebe uko ibyo byasohoye.

Tugaruka kuri Dawidi usubira mu mateka akavuga ibyo Mose yari yaravuze mu buryo bwa gihanuzi. (Zaburi 78:53,54). Ingingo umunyazaburi avuga, ni ugucungurwa kwa Isirayeli bakavanwa mu bubata bwo muri Egiputa, no gutuzwa kwabo mu gihugu cy'Isezzerano. Aravuga ati: "[Imana] Ibayobora amahoro bituma badatinye, maze inyanja irengera ababisha babo. Kandi bajyana ku rugabano rw'ahera hayo, kuri uyu musozi ukuboko kwayo kw'iburyo kwahinduye." Umusozi ahangaha uvugwa na Dawidi, ni umwe n'uvugwa na Mose igihe avuga "ahantu witunganyirije" aho ubwo bwoko bwagombaga gutuzwa. Uyu musozi Dawidi ntawita ubuturo ahubwo awita urugabano rw'ubuturo. None se ubuturo bwari iki? Umurongo wa 69 wo muri iyo Zaburi uratubwira uti: "Yubaka Ahera hayo hadatsembwa nk'ijuru, nk'isi yashimangiye iteka." Iryo tandukaniro hagati y'ubuturo n'igihugu rigaragazwa mu isengesho ry'umwami mwiza Yehoshafati aho yagize ati: "Mana yacu, si wowe wirukanye abaturage bari muri iki gihugu imbere y'ubwoko bwawe bw'Abisirayeli, ukagiha urubyaro rw'incuti yawe Aburahamu ngo kube icyabo iteka ryose? Maze bakakibamo, kandi bakaba bubakiyemo izina ryawe ubuturo." 2Ngoma 20:7,8

Isomo ryo mu Kuva 15:17 rifashwe ukwaryo, bamwe barikoresha bashaka kwerekana ko umusozi wari ubuturo bwera; ariko iyo turifashe turisanisha n'imvugo ya Dawidi isubiramo gusohozwa k'ubuhanuzi bwa Mose, hamwe n'amagambo yahumetswe awuvugwaho, igitekerezo nk'icyo nticyashyigikirwa. Dawidi avuga mu buryo busobanutse gusa ko umusozi

wari “urugabano” rw’ubuturo, kandi ko muri urwo rugabano, cyangwa igihugu, ari mo ubuturo “bwubatswe” nk’ahantu hirengeye, barenguriraga ku rusengero rw’Abayuda, rwari izingiro ndetse rukaba n’ikimenyetso cyo kuramya kwabo. Ariko umuntu wese uzasomana ubwitonzi mu Kuva 15:17 azabona atagombye gushakishamo imvugo y’amarenga, ko igihe Mose yavugaga “ubuturo”, yari ashatse kuvuga umusozi yahaweho umurage, ndetse ko ari ahantu hato hatangana n’igihugu cyose cya Palestina. Mu mudendezo w’umusizi, akoresha amagambo make kandi ashaka gusobanura byinshi, maze agahita yihuta akareka igitekerezo kimwe akajya ku kindi. Bwa mbere umurage ni wo umutwara ibitekerezo, kandi akawuvugaho; noneho kuba Uwitwaga yari kuhatura bigakurikiraho; noneho hagataho ahantu yari gutegurira kuzatura, by’umwihariko ubuturo yari gutegeka abantu kuzubaka. Bityo Dawidi ahuriza hamwe umusozi wa Siyoni n’Ubuyuda muri Zaburi ya 78:68 kubera ko Siyoni yari mu Buyuda.

Amasomo atatu ari yo Kuva 15:17; Zaburi 78:54, 69 ni yo yishingikirizwaho cyane mu guhamya ko igihugu cy’i Kanani ari ubuturo. Nyamara, nubwo ari make, aya abiri aheruka akuraho urujijo ruboneka mu isomo rya mbere mu mvugo yumvikana neza, bityo akavuguruza ibyo bahamya bayishingikirijeho.

Dukurikije ibivugwa ku isi no ku gihugu cy’i Kanani nk’aho byaba ari ubuturo bwera, twongeraho ikindi gitekerezo kimwe. Niba buri kintu muri ibi bibiri ari ubuturo, ntibwari bukwiriye kuvugwa nk’uburi ahantu runaka gusa, ahubwo icyo gitekerezo cyakagombye gukomeza kubahirizwa guhera mu ntangiriro kugeza ku iherezo, kandi kwezwa kw’isi cyangwa se kw’igihugu cya Palestina kwari gukwiye kwitwaga kwezwa k’ubuturo. Mu by’ukuri koko isi irahumanye, kandi igomba kwejeshwa umuriro; nyamara umuriro nk’uko tuzabibona, ntabwo ari igikoresho gikoreshwa mu kweza ubuturo. Uku kwezwa kw’isi, cyangwa se umugabane wayo uwo ari wo wose, nta hantu na hamwe muri Bibiliya byitwaga kwezwa k’ubuturo.

Ubuturo Ntibushobora Kuba Itorero.—Imirongo rukumbi itangwa nk’igihamya gishyigikira igitekerezo yuko itorero ari ubuturo iri muri Zaburi 114:1,2: “Ubwo Abisirayeli bavaga muri Egipta, ubwo inzu y’Abayakobo yavaga mu bantu b’urundi rurimi. i Buyuda hahindutse ahera h’Imana, i Bwisirayeli hahindutse ubwami bwayo.” Nidufata iyi mirongo ijamba ku ijamba, byagaragara ko ubuturo bwari bugarukiye ku muryango umwe mu miryango icumi. Ibyo rero byasobanura ko umugabane umwe w’itorero, atari itorero ryose, waba ari wo ugize ubuturo. Kuba Ubuyuda bwitwaga ubuturo mu mirongo tumaze kuvuga, ntibikwiriye kudutera urujijo igihe twibutse ko Imana yatoranyije Yerusalemu yari i Buyuda, kugira ngo ibe ahantu h’ubuturo bwayo. Dawidi avuga atya ati: “Ahubwo itoranya umuryango wa Yuda, umusozi wa Siyoni yakunze. Yubaka Ahera hayo hadatsembwa nk’ijuru, nk’isi yashimangiye iteka.” (Zaburi 78:68, 69). Ibi byerekana neza isano yari hagati y’Ubuyuda n’ubuturo. Uwo muryango ubwawo si wo wari ubuturo, ariko byigeze kuwuvugwaho rimwe gusa igihe

Isirayeli yari ivuye muri Egiputa, kubera ko Imana yari ifite umugambi w'uko ubuturo bwayo buzubakwa hagati muri uwo muryango.

Iyaba byashobokaga kwerekana ko hari ahantu runaka itorero ryitwa ubuturo, nta ngaruka byagira kuri uyu mugambi wacu, ari wo wo kwerekana ibigize ubuturo buvugwa muri Daniyeli 8:13, 14; kubera ko muri iri somo itorero rihavugwa nk'ikintu cyihariye: "...ubwo ubuturo bwera n'izo ngabo bizasiribangwa." Kuba ijambo "ingabo" risobanura ubwoko bw'Imana hano, ntawabijyaho impaka; kubw'ibyo rero ubuturo buraba ari ikindi kintu cyihariye gitandukanye n'itorero.

Ubuturo ni Urusengeri Rwo mu Ijuru.—Noneho turaba dusigaranye ikintu kimwe dukwiriye gusuzuma, cyane cyane kuba ubuturo bwera araba ari bumwe n'ubuvugwa mu Baheburayo 8:1,2, bwitwa "ihema ry'ukuri, iryo abantu batabambye, ahubwo ryabambwe n'Imana ubwayo," ari na ryo rihita rihabwa izina "ubuturo, kandi rikaba riri "mu ijuru." Ubu buturo bufite ubwabucureraga mu bihe bya kera, igicucu cyangwa ishusho yabwo. Bwa mbere ryari ihema ry'ibonaniro ryubatswe na Mose, na nyuma yaho tukabona urusengeri rw'i Yerusalemu.

Nimureke twishyire mu mwanya wa Daniyeli, maze turebe iyi ngingo nk'abahagaze mu mwanya yari arimo. Mbese yari gusobanukirwa ko ubuturo ari iki? Igihe iryo jambo ryavugwaga, ibitekerezo bye byagombaga guhitwa bisubira nta kabuza ku buturo bw'ubwoko bwe; kandi nta gushidikanya yari azi aho bwari buri. Ibitekerezo bye byasubiye i Yerusalemu, ku murwa wa ba sekuruza, wari amatongo muri icyo gihe, bisubira ku "nzu yabo nziza" yari yarakongowe n'umuriro nk'uko Yesaya abivugaga mu ndirimbo ye y'amaganya (Yesaya 64:11). Mu buryo nk'ubwo, ubwo amaso ye yari ayerekeje ahantu hari harigeze kuba urusengeri rwabo rwari rwubashywe cyane, nk'uko byari akamenyero ke, Daniyeli yasenze Imana ayisaba kureka mu maso hayo hakamurika umucyo ku buturo bwayo, ubwari buri mu matongo muri icyo gihe. Biragaragara neza ko ijambo "ubuturo" yaryumvisemo urusengeri rw'i Yerusalemu.

Kuri iyi ngingo, Ibyanditswe Byera bitanga ubuhamya busobanutse: "Isezerano rya mbere na ryo ryari rifite imihango y'ubutambyi rifite n'Ahera h'iyi si." (Abaheburayo 9:1). Mbese ubuturo bwo mu Isezerano rya mbere bwari ubuhe? Igisubizo gikurikiraho: "kuko hariho ihema ribanzirizwamo, ryarimo igitereko cy'amatabaza n'ameza, n'imitsima iyateretseho imbere y'Imana, rikitwa Ahera. Kandi hirya y'inyegamo y'umwenda wa kabiri ukinze hariho ihema, hitwa Ahera cyane. Aho harimo icyotero cyacuzwe mu izahabu, n'isanduku y'isezerano yayagiriye izahabu impande zose, irimo urwabya rw'izahabu rurimo manu, irimo na ya nkoni ya Aroni yapfunditse uburabyo na bya bisate by'amabuye byanditsweho Isezerano. Hejuru yayo hariho Abakerubi b'icyubahiro bateye igicucu intebe y'imbabazi, ariko ibyo ntitwakwirirwa tubirondora nonaha." (Abaheburayo 9: 2-5).

Nta kosa riri mu bivugwa ahangaha. Ni Ihema ryabambwe na Mose akurikije amabwiriza yari yahawe n'Uwiteka (kandi ni ryo ryaje gushingirwaho bubaka urusengero rw'i Yerusalemu), ryari rifite umugabane w'Ahera n'Ahera cyane, n'ibikoresho bitandukanye byakoreshwaga mu mirimo yo mu buturo. Ubusobanuro bwuzuye bwerekeye iyi nyubako, ndetse n'ibikoresho byera kimwe n'imikoresherezwwe yabyo, tuzabibona mu Kuva 25 ugakomeza. Niba umusomyi atamenyereye icyigwa nk'iki, arashishikarizwa gusubira gusoma ku byerekeye uburyo iyi nyubako yari imeze. Mu buryo bwumvikana neza, ubu ni bwo buturo bwo mu Isezerano rya mbere, kandi twifuza yuko umusomyi yakwita cyane ku gaciro gakubiye muri aya magambo. Igitabo cy'Abaheburayo kidushyira mu mwanya mwiza wo kumva iyi ngingo, binyuze mu kutubwira ibyari bigize ubuturo. Biduha urufatiro tugomba guheraho. Imbere yacu tuhafite ingingo yihariye kandi isobanutse neza, yasobanuwe na Mose akantu ku kandi, kandi yavuzwe mu Baheburayo ikaba ari ubuturo bwo mu gihe cy'Isezerano rya mbere, ryagiye rikagera mu minsi ya Kristo.

Nyamara imvugo ikoresheya mu Baheburayo ifite ubusobanuro bukomeye kurenza ubu. Iburizamo ibyo abantu bavuga igihe bemeza ko isi n'igihugu cy'i Kanani, cyangwa itorero ari ubuturo. Ingingo yashoboraga kwemeza ko kimwe muri ibi gishobora kuba ubuturo mu gihe runaka, yabyemeza ko ari byo mu gihe cya Isirayeli ya kera. Niba Kanani yarigeze kuba ubuturo mu gihe runaka, byaba byarabaye mu gihe Abisirayeli bari batuye muri icyo gihugu. Niba itorero ryarigeze kuba ubuturo, byaba byarabayeho igihe Isirayeli yari yaravanywe muri Egipta. Niba isi yarigeze kuba ubuturo, byaba byarabaye mu gihe Abisirayeli bari baravuye muri Egipta. Ariko se, hari icyaba cyarigeze kuba ubuturo muri ibi byose muri icyo gihe? Igisubizo kigomba kuba 'oya', kubera yuko abanditsi b'igitabo cyo Kuva n'igitabo cy'Abaheburayo batubwira mu magambo arambuye ko yaba isi, igihugu cy'i Kanani cyangwa itorero, nta na kimwe muri byo cyigeze kuba ubuturo bwo mu bihe by'Isezerano rya Kera, kuko nta na kimwe muri byo cyigeze kubakwa na Mose kandi kigasimburwa n'urusengero rwaje kubakwa hanyuma.

Ubuturo Bwera Bwo ku Isi.—Iyi nyubako itanga igisubizo kuri buri kantu kose mu bivugwa mu busobanuro bw'ijambo «ubuturo», ndetse n'uburyo iryo jambo ryagenewe gukoreshwamo. Bwari ahantu h'ubuturo bw'Imana ku isi. [Imana] yabwiye Mose iti: «Kandi bandemere ubuturo bwera, nture hagati muri bo.» (Kuva 25:8). Muri iri hema bubatse bakurikije amabwiriza yari yabahaye, yagaragarijemo ubwiza bwayo. Hari ahantu hera, ahantu hatoranyijwe—«ubuturo bwera» (Abalewi 16:33). Mu ijambo ry'Imana inshuro nyinshi ryitwa ubuturo. Mu nshuro zirenga 130 iryo jambo rikoresheya mu Isezerano rya Kera, hafi ya zose riba rivuga iyi nyubako.

Ku nshuro ya mbere ihema ryubatswe mu buryo bwari bujyanye n'ubuzima abana ba Isirayeli bari babayemo muri icyo gihe. Igihe iyi nyubako yashingwaga hagati muri bo ngo ibe ubuturo bw'Uwiteka, kandi

ngo ibe izingiro ryo kuramya Imana kwabo, Abisirayeli barimo batangira umwaka wa 40 wo kuzerera kwabo mu butayu. Gukora urugendo byari ngombwa kuri bo, kandi iryo hema ryagombaga kwimurwa rikava ahantu hamwe rijya ahandi. Ibi babishobozwaga n'uko impande zaryo zari zigizwe n'inkingi zihagaze, hanyuma zigatwikirizwa ibitambaro bikoze mu bwoya bw'intama n'impu zinitswe mu marangi. Bityo rero ryashoboraga kubamburwa byihuse, rigatwarwa mu buryo bworoshye, kandi rikabambwa mu bihe bigiye bikurukiranye mu rugendo rwabo. Nyuma yuko Abisirayeli binjiye mu gihugu cy'isezerano, iyi nyubako y'igihe gito yasimbuwe n'urusengero rwiza rwa Salomo. Ishusho nk'iyi yari irushijeho kuba iy'igihe kirekire ni yo ubuturo bwakomeje kugira, uretse igihe rwari umusaka mu gihe cya Daniyeli, kugeza mu mwaka wa 70 N.K., igihe rwasenywaga n'Abaroma.

Ubu nibwo buturo rukumbi bufite aho buhuriye n'isi, bukaba ari bwo Bibiliya iduhaho amakuru cyangwa amateka. Ariko se, nta handi haboneka ubundi? Ubu bwari ubuturo bwo mu Isezerano rya Kera, kandi bwarangiranye n'iryo Sezerano. Mbese nta bundi buturo bujyanye n'Isezerano rya kabiri cyangwa se Isezerano Rishya? Bugomba kuba buhari, kuko bitabaye ibyo, urukurikirane rw'ibintu rwaba rufite ikintu rubura hagati y'aya Masezerano yombi. Muri ubwo buryo, Isezerano rya Kera, nubwo ryasobanuwe akantu ku kandi, ryaba rifite uburyo bw'imisengere itumvikana neza, kandi Isezerano Rishya ryaba rifite uburyo bw'imisengere idasobanutse kandi icuze umwijima. Umwanditsi w'igitabo cy'Abaheburayo avuga rwose ko Isezerano Rishya, rya rindi ryatangiye uherye ku rupfu rwa Kristo, cyangwa se Ikiragano, rifite ubuturo; kubera yuko, igihe Pawulo agereranya Isezerano Rishya n'Isezerano rya Kera, nk'uko abikora mu Baheburayo 9:1, avuga ko Isezerano rya mbere "*na ryo* ryari rifite imihango y'ubutambyi, rifite n'Ahera h'iyi si." Ibi ni kimwe no kuvuga ngo Isezerano Rishya na ryo ryari rifite imirimo irikorerwamo ndetse rifite n'ubuturo bwaryo. Na none kandi, umurongo wa 8 w'icyo gice uvuga ku buturo bwo ku isi nk'ihema rya mbere. Niba iryo ryari ihema rya mbere, hagomba kuba hari n'ihema rya kabiri.; kandi nk'uko ihema rya mbere ryabayeho igihe cyose Isezerano rya mbere ryari rigifite imbaraga, igihe iryo sezerano ryari ricyuye igihe, ihema rya kabiri rigomba kuba ryarafashe umwanya irya mbere ryari ririmo, kandi rigomba kuba ryarahise riba ubuturo bw'Isezerano Rishya. Umwanzuro nk'uyu nta bwo wawuca ku ruhande.

Ubuturo Bwo mu Ijuru.—None se ni he twashakira ubuturo bw'Isezerano Rishya? Imikoresherezwe y'ijambo "*na ryo*" riboneka mu Baheburayo 9:1 ihamya neza ko ubu buturo bwari bwabanje kuvugwaho mbere. Dusubira mu ntangiriro z'igice kibanziriza iki, maze tukahabona inshamake y'igitekerezo dukomeje kuvugaho mu mirongo ikurikira: "Mu byo tuvuga igikomeye ni iki ngiki: Dufite umutambyi mukuru umeze atyo wicaye iburyo bw'intebe y'Ikomeye cyane yo mu ijuru, ukorera Ahera ho mu ihema ry'ukuri, iryo abantu batabambye ahubwo ryabambwe

n'Umwami Imana." Mbese hari uwashidikanya ko muri iyi mirongo dufitemo ubuturo bw'Isezerano Rishya? Mu buryo bugaragara neza, hano umwanditsi ararengurira ku buturo bwo mu Isezerano rya Kera. Iryo ryari ryarabambwe n'intoki z'umuntu, ryahagaritswe na Mose; nyamara iri ryo ryabambwe n'Uwiteka ubwe, ntabwo ari umuntu. Ha handi hari abantu abatambyi bo ku isi bakoreraga imirimo yabo; nyamara aha ho ni ho Kristo, Umutambyi Mukuru w'Isezerano Rishya akorera umurimo we. Rya rindi ryo ryari riri ku Isi; iri ngiri ryo riri mu Ijuru. Kubw'ibyo, rya rindi ryitwaga mu buryo buri bwo ko ari "ubuturo bwo ku isi;" ubu ngubu bwo ni "ubwo mu ijuru."

Iki gitekerezo cyongera gushyigikirwa n'uko bwa buturo bwubatswe na Mose, ntabwo bwari ishusho y'umwimerere, ahubwo bwari bwubatswe hakurikijwe ikindi cyitegererezo [yari yahawe]. icyitegererezo gikomeye cyari kiri ahandi hantu, kandi icyo Mose yubatswe cyari igicucu cy'ikindi kintu, cyangwa se urugero rwerekana ikindi kintu. Nimwite ku mabwiriza Uwiteka yari yamuhaye kuri iyi ngingo: "Muzabureme buse n'ibyo ngiye kukwereka byose, icyitegererezo cy'ubuturo n'icy'ibintu byabwo byose." (Kuva 25:9). "Ugire umwete wo kubirema, ukurikize icyitegererezo cyabyo werekewe kuri uyu musozi." Umurongo wa 40 (Kugira ngo urusheho gusobanukirwa neza, reba mu Kuva 26:30; 27: 8; Ibyakozwe n'Intumwa 7:44).

None se ubuturo bwo mu isi bwari igicucu, cyangwa se ishusho y'iki?—Bwari igicucu cy'ubuturo bw'Isezerano Rishya, "ihema ry'ukuri, ryubatswe n'Imana ubwayo, iritarubatswe n'intoze z'umuntu." Isano iri hagati y'isezerano rya mbere n'isezerano rya kabiri, ni nk'iboneka hagati y'igicucu n'ikintu icyo gicucu cyakomotseho. Ibitambo byatambwaga muri ryo byari igicucu cy'igitambo kirushijeho gukomera cyo mu isezerano rishya. Abatambyi baryo bari igicucu cy'Umwami wacu mu butambyi bwe butagira inenge. Umurimo bakoraga bawukoraga nk'urugero cyangwa igicucu cy'umurimo w'Umutambyi wacu Mukuru ukorera mu ijuru. Ubuturo bakoreragamo bwari igicucu, cyangwa ishusho y'ubuturo nyakuri bwo mu ijuru, aho Umwami wacu akorera umurimo we.

Ibi bihamya byose biboneka mu gitabo cy'Abaheburayo. Iyaba yari mu isi ntaba abona uko aba umutambyi, kuko hasanzwe abandi batambyi batura amaturo nk'uko bitegetswe n'amategeko. (Kandi umurimo abo bakora ni igishushanyo n'igicucu cy'ibyo mu ijuru, nk'uko Mose yabwiwe n'Imana agiye kurema rya hema, ngo "Gira umwete wo gukora byose ukurikije icyitegererezo werekewe kuri wa musozi.") Ubu buhamya bwerekana yuko umurimo w'abatambyi bo ku isi wari igicucu cy'ubutambyi bwa Kristo. Igihamya ni amabwiriza Imana yahaye Mose yo kubaka ihema akurikije icyitegererezo yari yerekewe ku musozi. Ibi byerekana ku buryo busobanutse icyitegererezo cy'ubuturo Mose yari yeretswe, cyangwa se ihema ry'ukuri ryo mu ijuru, aho Umwami wacu akorera umurimo nk'uko buvugwa mu gitabo cy'Abaheburayo 8:2.

Ibyanditswe byongera kuvuga bita: "Nuko rero icyo Umwuka Wera atumenyesha, ni uko inzira ijya Ahera cyane yari itarerekanwa ihema rya mbere rikiriho, 9 ari ryo ryashushanyaga iby'iki gihe cya none, ubwo abakurikiza amategeko yaryo batura amaturo bagatamba ibitambo, bitakibasha gutunganya rwose umutima w'ubitura." (Abaheburayo 9: 8,9). Igihe cyose ihema rya mbere ryari rikiriho kandi isezerano rya mbere rikaba ryari rifite imbaraga, umurimo w'isezerano rirushije iryo kuba ryiza ntawari uhari, ntabwo wakorwaga. Ariko igihe Kristo yazaga, umutambyi mukuru w'ibyiza bizaza, igihe ihema rya mbere ryari rirangije umurimo waryo, kandi isezerano rya mbere rikaba rirekeye aho gukora, icyo gihe ni bwo Kristo yazamuwe akicara ku ntebe ya cyami y'Ubutware bukomeye bwo mu ijuru nk'umukozi wo mu buturo bw'ukuri, yinjijwe "ahera" n'amaraso ye bwite (umurongo wa 12), ni ukuvuga mu buturo bwo mu ijuru.

Bityo rero, ihema rya mbere ryari igicucu cy'ibiriho muri iki gihe. Haramutse hakenewe ikindi gihamya, umwanditsi w'igitabo cy'Abaheburayo agitanga mu murongo wa 23 aho avuga iby'ihema ryo ku isi, akavuga n'ibyumba ndetse n'ibikoresho byaryo nk' "igicucu" cy'ibyo mu ijuru; no mu murongo wa 24, aho yita ahera haremwe n'intoke, ibyo ni ukuvuga ihema ryo mu isi n'insengero zo muri Isirayeli ya kera nk' "igicucu" cy'ihema ry'ukuri ryo mu ijuru.

Iki gitekerezo gikomeza gushimangirwa n'ubuhamya bwa Yohana. Mu bintu yemerewe kwitegereza mu ijuru, harimo amatabaza arindwi yaka umuriro amurikira imbere y'intebe ya cyami (Ibyahishuwe 8:5), igicaniro cy'imibavu, n'icyotero cyacuzwe mu izahabu (Ibyahishuwe 8:3), n'isanduku y'isezerano ry'Imana (Ibyahishuwe 11:19). Ibi byose yabibonye bijyaniranye n'"urusengero" rwo mu ijuru. (Ibyahishuwe 11: 19; 15:8). Buri musomyi wa Bibiliya wese agomba guhita asobanukirwa yuko ibi bikoresho ari ibyo mu buturo. Kubaho kwabyo bigukeshya ubuturo, kandi byari bishingiye kuri bwo ndetse byagombaga gukoreshwa mu murimo ugendanye na bwo. Ndetse kubera yuko bitashoboraga kubaho hatariho ubuturo, ni yo mpamvu aho tubibonye hose, dushobora guhita tumenya yuko hari ubuturo. Kubw'ibyo rero, kuba Yohana yarabonye ibi bintu mu ijuru nyuma yo kuzamuka mu ijuru kwa Kristo, ni igihamya cy'uko mu ijuru hari ubuturo, kandi akaba yemerewe kubwitegereza.

Uburyo umuntu yaba yarashidikanyijemo bwose mu gutinda kwemera ko mu ijuru hari ubuturo, ubuhamya bwose bumaze gutangwa burahagije rwose kugira ngo bwemeze ko iki kintu ari ukuri. Bibiliya ivuga ko ihema rya Mose ryari ubuturo bw'isezerano rya mbere. Mose avuga ko Imana yamwerekeye ku musozi icyitegererezo, akaba ari cyo yari gukurikiza mu gihe cyo kubamba ihema. Igitabo cy'Abaheburayo kirongera kigahamya ko Mose yakoze ibyo akurikije icyo cyitegererezo, kandi ko icyo cyitegererezo cyari ihema ry'ukuri ryo mu ijuru, iritarabambwe n'intoke z'umuntu ahubwo ryabambwe n'Imana ubwayo; kandi ko ihema ryo mu isi ryari igicucu cyangwa igishushanyo cya rya hema ryo mu ijuru. Dusoza, mu

gushimangira amagambo y'Ibyanditswe Byera avuga ko ubu buturo buri mu ijuru, Yohana atanga ubuhamya nk'umuntu waburebesheje amaso akavuga yuko yabubonyeyo. Mbese ni ikihe gihamya kindi gishobora kuba gikenewe?

Ku byerekeye ikibazo cy'ibintu bigize ubuturo, ubu dufite ubwuzuzanye bw'ubuturo nk'ikintu gishyitse imbere yacu. Ubuturo buvugwa na Bibiliya—(ubyiteho rwose)—bugizwe: bwa mbere n'igicucu cy'iby'ukuri ari cyo hema ryabambwe n'Abaheburayo igihe bari bari mu rugendo ruva muri Egipta, ubwo bukaba ari bwo bwari ubuturo bw'isezerano rya mbere. Ubwa kabiri, bugizwe n'ihema ry'ukuri ryo mu ijuru, ari ryo ubuturo bwa mbere bwari bubereye igicucu, cyangwa igishushanyo, bukaba ari bwo buturo bw'Isezerano Rishya. Ubu buturo bwombi ntibushobora gutandukanywa nk'uko igicucu kidashobora gutandukanywa n'ikintu icyo gicucu gikomokaho. Uhereye ku buturo bw'ukuri, ugaruka inyuma ukagera ku gicucu cyabwo, noneho ugaturuka ku gicucu, nta kubyihatamo ndetse mu buryo utabasha kubyirinda, ukagenda ukagera ku buturo bw'ukuri. Bityo rero, tubona uburyo umurimo wo mu buturo watangiye gukorwa uhereye mu gihe Isirayeli yavaga muri Egipta ukagenda kuzagera ku iherezo ry'igihe cy'imbabazi.

Twabonye ko ijambo "Ubuturo" Daniyeli yashoboraga guhita aryumvamo ubuturo bw'ubwoko bwe bwari bwubatswe i Yerusalemu; kandi ni ko n'undi muntu wese wo mu gihe cye yari kubitekereza. Nyamara se amagambo aboneka muri Daniyeli 8: 14 yaba arengurira koko kuri ubwo buturo? Ibyo biterwa n'igihe ayo magambo yisanisha na cyo. Amagambo yose avugwa ku byerekeranye n'ubuturo afite aho ahuriye n'igihe cya Isirayeli ya kera, aba yisanisha n'icyo gihe. Amagambo yose yisanisha n'igihe cy'ubukristo agomba kugira ibiyaranga bihuye n'ubuturo bwo muri icyo gihe. Niba ubuturo bugomba kwezwa ku iherezo ry'iminsi 2300, iyo minsi ikaba yararangiye mbere y'uko Kristo aza, ubuturo bwagombaga kwezwa bwari ubwo muri icyo gihe. Niba iyo minsi igenda ikarenga icyo gihe ikagera mu gihe cy'ubukristo, ubuturo ayo magambo arenguriraho ni ubuturo bwo muri iki gihe—ni ubuturo bwo mu isezerano rishya bwo mu ijuru. Iyi ni ingingo ishobora gushimangirwa gusa n'uko habayeho gucukumbura iby'iminsi 2300. Ibi tuzabisanga ku magambo yasobanuwe ku murongo wo muri Daniyeli 9: 24, aho iyi ngingo ivugwa kandi igasobanurwa.

Kwezwa k'Ubuturo.—Ibyo tumaze kuvuga ku buturo kugeza ubu, ni ikintu gito ugereranyije n'ikibazo nyamukuru cy'ubuhanuzi. Icyo kibazo kirebana no kwezwa. "Bizageza iminsi 2300 uko bukeye bukira, nyuma ubuturo buzabone kwezwa." Nyamara byari ngombwa kubanza kugaragaza ibyari bigize ubuturo, mbere yuko dusuzuma kugira ngo dusobanukirwe ikibazo cyo kwezwa. Ubu noneho, biratworohye kubireba.

Nyuma yo kwiga ibyari bigize ubuturo, ikibazo cyo kwezwa kwabwo n'uburyo byashyizwe mu bikorwa, tugiye kubibona. Byagaragaye ko ikintu

icyo ari cyo cyose cyari kigize ubuturo buvugwa na Bibiliya, kigomba kuba gifitanye isano n'umurimo runaka ari wo witwa kwezwa kwacyo. Hariho umurimo nk'uwo ufite aho uhuriye n'uyu muhango twerekanye ko ari ubuturo, kandi igihe tuwusanishije n'inyubako yo ku isi ndetse n'urusengero rwo mu ijuru, ukitwa kwezwa kwabwo.

Mbese umusomyi ahakana igitekerezo cy'uko mu ijuru hari ikintu gikeneye kwezwa? Igitabo cy'Abaheburayo gihamya mu buryo busobanutse neza ibyo kwezwa k'ubuturo bwo mu ijuru ndetse n'ubwo mu isi: "kuko ukurikije amategeko ibintu hafi ya byose byezwa n'amaraso, kandi amaraso atavuye ntihabaho kubabarirwa ibyaha. 23 Nuko rero, byari bikwiriye ko ibishushanyo by'ibyo mu ijuru byezwa muri bene ubwo buryo, naho ibyo mu ijuru ubwabyo bikezwa n'ibitambo biruta ibyo."

Mu mucyo w'ingingo turimo kuvugaho, aya magambo ashobora na none gusobanurwa ngo : "Kubw'ibyo byari bikwiriye ko ihema ryabambwe na Mose, hamwe n'ibikoresho byaryo byose byera, ari byo gicucu cy'ubuturo bw'ukuri bwo mu ijuru, ryezwa n'amaraso y'ibimasa n'ay'amasekurume y'ihene; ariko ibintu byo mu ijuru ubwabyo, ari bwo buturo bwo mu gihe cya Gikristo, ari bwo hema ry'ukuri, iritarabambwe n'umuntu ahubwo ryabambwe n'Imana ubwayo, rigomba kwezwa n'igitambo kirushije ibyo kuba cyiza, ari cyo maraso ya Kristo."

Noneho ubu turibaza tuti: "Mbese uku kwezwa ni uko mu buhe buryo? Kandi kugomba gukorwa gute? Ukurikije imvugo imaze gukoreshwa, uku kwezwa gusohozwa hakoreshejwe amaraso. Kubw'ibyo, uko kwezwa si uguhanagurwaho imyanda igaragarira amaso cyangwa se gukurwaho ibizinga bibonwa n'amaso, kubera ko amaraso atari yo yaba igikoresho cyiza cyo gusohozwa uwo murimo. Kwita kuri ibi, kwaba ari igisubizo kinyuze ibitekerezo by'umusomyi uhakana iyi ngingo yerekeranye no kwezwa kw'ibintu byo mu ijuru. Kuba ibintu byo mu ijuru bigomba kwezwa, ntibisobanuye yuko mu ijuru hari ibizinga bigaragarira amaso, kubera ko ubwo buryo bwo kwezwa atari bwo Ibyanditswe byera birenguriraho. Impamvu itangwa ituma uko kwezwa gusohozwa n'amaraso, ni uko iyo amaraso atamenetse, hatabaho gukurwaho [kw'ibyaha] cyangwa se kubabarirwa ibyaha.

Ukwezwa [kuvugwa] ni Ukwezwaho Ibyaha.—Noneho, gukurwaho ibyaha, ndetse kujyanwa kure kw'ibyaha, ni umurimo ugomba gukorwa. Kubw'ibyo rero, uko kwezwa ntabwo ari ukwezwa kw'ibigaragarira amaso, ahubwo ni ukwezwaho icyaha. Ariko se ni mu buhe buryo icyaha cyaje kugira aho gihurira n'ubuturo, bwaba ubuturo bwo ku isi cyangwa se ubuturo bwo mu ijuru ku buryo bugomba gukenera kwezwa? Iki kibazo kibonera igisubizo mu murimo ufite isano no kwezwa kw'igicucu cy'iby'ukuri, ari na wo tugiye kureba nonaha.

Ibice bisoza igitabo cyo Kuva bitubwira uburyo umurimo wo kubaka ubuturo bwo mu isi wakozwe, ndetse na gahunda y'umurimo wabukorerwagamo. Igitabo cy'Abalewi gitangira kitwereka umurimo

wagombaga gukorwa. Intego yacu ni uko habaho guhuguka kugira ngo umuntu abone ko hano hari umugabane wihariye w'umurimo. Umuntu wabaga yakoze icyaha yazanaga ituro rye, itungo rizima, akarizana ku muryango w'ihema ry'ibonaniro. Yashyiraga ikiganza cye ku mutwe w'itungo yabaga yazanye akakimazaho umwanya, kandi nk'uko dushobora kubyibwira mu bitekerezo byacu, yaryaturiragaho icyaha cye. Binyuze mu gikorwa cye cyo kwatura, yabaga asobanuye ko yakoze icyaha, bityo akaba yari akwiriye gupfa, ariko akaba atanze iryo tungo rye ngo ripfe mu cyimbo cye, ndetse akaba arishyizeho icyaha cye. Akoresheje ikiganza cye bwite (mbega agahinda yabaga afite mu mutima!) nuko akambura iryo tungo ubuzima bwaryo. Itegeko ryasabaga ko uwakoze icyaha apfa ku bwo kutumvira kwe. Ubugingo buri mu maraso. (Abalewi 17:11, 14). Bityo rero, amaraso atamenetse, ntihabaho kubabarirwa ibyaha; nyamara iyo amaraso amenetse, kubabarirwa birashoboka, kubera ko itegeko risaba ko ubugingo bupfa riba ryubahirijwe. Amaraso y'igitambo, ari yo ahagarariye ubugingo bwahanwe, ndetse akaba ari bwo buryo bwo gutwara icyaha, umutambyi yarayajyanaga akayabikira imbere y'Uwiteka.

Binyuze mu kwatura icyaha, binyuze mu gusogota igitambo, ndetse binyuze no mu murimo w'umutambyi, icyaha cy'umuntu cyamuvagaho kigashyirwa ku buturo bwera. Muri ubwo buryo, abantu bagendaga bikurikiranya mu gutanga ibitambo. Umunsi ku wundi, uwo murimo warakomezaga, maze muri ubwo buryo ubuturo bwera bwahindukaga ahanu ho kurundwa ibyaha by'abagize itereniro ry'Abisirayeli. Nyamara aho hantu ntabwo ari ho ibyaha byashyirwaga ngo bicire aho. Ibyo bicumuro byabaga byongeranywa byakurwagaho n'umurimo udasanzwe wakorwaga kugira ngo ubuturo bwezwe. Uwo murimo wari igicucu cy'ibizaza, wakorwaga inshuro imwe mu mwaka, ku munsi wa cumi w'ukwezi kwa karindwi, ukaba waritwaga Umunsi w'Impongano. Kuri uwo munsi, mu gihe Abisirayeli babaga bahagaritse imirimo yabo kandi bakibabaza mu mitima yabo, umutambyi yazanaga ihene ebyiri, maze akazimurika imbere y'Uwiteka ku muryango w'ihema ry'ibonaniro. Yakoreraga ubufindo kuri izo hene, kugira ngo harobanurwe iri bube iy'Uwiteka n'iri bube iyo koherwa. Iyo ubufindo bwabaga bwafashe ko ari iy'Uwiteka, yarasogotwaga, maze umutambyi akajyana amaraso yayo Ahera Cyane h'ubuturo, maze akayaminjagira ku ntebe y'imbabazi. Uyu ni wo munsi rukumbi yabaga yemerewe kwinjira muri uwo mugabane w'ubuturo bwera. Igihe yabaga asohotse noneho "yarambikaga ibiganza bye byombi mu ruhanga rw'iyi hene nzima, akaturira hejuru yayo gukiranirwa kw'Abisirayeli kose n'ibicumuro byabo byose, ibyaha bakoze byose akabishyira mu ruhanga rw'iyi hene." (Abalewi 16:21). Hanyuma, yagombaga guha iyo hene umuntu witeguye ibyo, akayijyana mu butayu, ahanu hadatuwe, ahanu ho kwibagirana, iyo hene ntiyagombaga kuzigera ihinguka mu ngando y'Abisirayeli, kandi ibyaha by'ab'ubwo bwoko ntibyagombaga kuzigera byibukwa ukundi.

Uyu murimo wabaga ufite intego yo kweza abantu ho ibyaha byabo, kandi na none ukaba wari uwo kweza ubuturo, n'ibintu byabaga biburimo, n'ibikoresho byera byabwo bigakurwaho ibyaha by'ubwo bwoko. (Abalewi 16:30, 33). Binyuze muri uru ruhererekane rw'imirimo yakorwaga, icyaha cyakurwagaho burundu. Birumvikana nyine ko iyi yari imvugoshusho, kubera ko byose byari igicucu cy'ibizaba.

Umusomyi uhuye n'ibi bitekereze ku nshuro ya mbere, birashoboka ko yaba yiteguye kubaza atangaye ati: "Mbese uyu murimo w'inzaduka waba warasuraga iki, kandi waba ari igicucu cy'iki muri iki gihe cyacu?" Turasubiza tuti: "Ni umurimo umwe n'uwo Kristo akora nk'uko Ibyanditswe Byera bibyigisha mu buryo bweruye." Nyuma y'amagambo avugwa mu gitabo cy'Abaheburayo 8: 2, ahavugaga ko Kristo akorera mu ihema ry'ukuri, ubuturo bwo mu ijuru, bivugwa mu murongo wa 5 ko umurimo abatambyi bo ku isi bakoraga wari "igishushanyo n'igicucu cy'ibyho mu ijuru." Mu yandi magambo, umurimo w'abatambyi bo mu isi wari igicucu n'igishushanyo by'umurimo Kristo akorera mu ijuru.

Umurimo mu Buryo bw'Ikimenyetso n'Umurimo mu Buryo Bufatika.— Aba batambyi bakoraga mu buryo bw'igicucu cy'ibizaba, bakoreraga mu migabane ibiri y'ihema ryo ku isi, kandi Kristo na We akorera umurimo mu migabane ibiri y'urusengero rwo mu ijuru. Urwo rusengero rwo mu ijuru rufite imigabane ibiri. Biramutse atari ko bimeze, ishusho ubuturo bwo ku isi bwari bufite yaba itari ukuri. Umwami wacu akorera umurimo we mu migabane yombi y'urusengero; niba atari ko bimeze, umurimo umutambyi wo ku isi yakoraga ntiwaba wari ishusho nyakuri y'umurimo We. Bivugwa mu buryo bwumvikana mu gitabo cy'Abaheburayo 9:21-24 ko ihema n'ibikoresho byakoreshezwaga mu murimo waryo byari "igicucu cy'ibyho mu ijuru." Kubw'ibyho rero, umurimo ukorwa na Kristo mu rusengero rwo mu ijuru uhura n'umurimo wakorwaga n'abatambyi mu migabane ibiri y'inyubako yo ku isi. Nyamara umurimo wakorerwaga mu migabane wa kabiri, cyangwa Ahera Cyane wari umurimo udasanzwe wo gusozwa umurimo wose wabaga warakozwe mu mwaka wose no kweza ubuturo. Bityo umurimo Kristo akorera mu migabane wa kabiri w'ubuturo bwo mu ijuru ugomba kuba umurimo wo mu buryo bumwe n'uwo kandi ukaba ari umusozo w'umurimo we nk'Umutambyi wacu Mukuru, no kwezwa k'ubwo buturo.

Nk'uko binyuze mu bitambo byo mu gihe cya kera byagiraga icyo bicurera, mu buryo bw'igishushanyo abatambyi bashyiraga ibyaha by'abantu ku buturo bwo ku isi, aho abo batambyi bakoreraga umurimo wabo; ni ko uhareye igihe Kristo yazamukaga mu ijuru kugira ngo abe umuvugizi wacu imbere ya Se, ibyaha by'abashakana imbabazi umutima wose binyuze muri we bigezwa mu by'ukuri mu buturo bwo mu ijuru, aho akorera umurimo we. Ntabwo dukwiriye kurekeraho kwibaza niba Kristo adukoreraga umurimo Ahera Cyane ho mu buturo bwo mu ijuru binyuze mu maraso ye cyangwa binyuze mu mbaraga z'ibyho yakoze. Birahagije kuvuga ko amaraso ye yamenetse, kandi binyuze muri ayo maraso abantu babona

rwose kubabarirwa ibyaha, ibyo ni byo byabonerwaga mu maraso y'ibimasa n'ay'ihene byo mu murimo wa kera mu buryo bw'igishushanyo. Nyamara ibyo bitambo byatambwaga mu buryo bw'igishushanyo byari bifite imbaraga y'ukuri hakurikijwe ko byasobanuraga ukwizera igitambo nyakuri cyajyaga kuza hanyuma. Bityo rero, ababikoreshaga bafitiye imigisha mu murimo wa Kristo ingana n'iy'abamusanga muri iki gihe kubwo kwizera binyuze mu mabwiriza aboneka mu butumwa bwiza.

Gukomeza kohereza ibyaha mu buturo bwo mu ijuru bituma kwezwa kwabwo kuba ikintu cya ngombwa nk'uko byari ngombwa ko ubuturo bwo ku isi bwezwa. Itandukaniro rikomeye riri hagati y'iyi mirimo rigomba kugaragara. Mu ihema ryo mu isi, umurimo ushyitse wagombaga gukorwa buri mwaka. Buri munsu mu munsu igize umwaka wose uretse umunsu umwe gusa, uwo murimo wakorerwaga mu mugabane wa mbere w'ubuturo. Umurimo wo ku munsu umwe wakorerwaga Ahera Cyane ni wo wasozaga imirimo yo mu mwaka wose. Nuko umurimo ukongera gutangirira mu mugabane w'ahera, ugakomeza ukazongera kugeza ku wundi Munsu w'Impongano usoza imirimo y'umwaka. Bigakomeza kugenda bityo uko umwaka uje undi ugataha. Uruhererekane rw'abatambyi bagendaga basimburana, rwakomezaga gukorera uwo murimo mu buturo bwo mu isi. Nyamara Umwami wacu wo mu ijuru "ahoraho iteka ngo adusabire." (Abaheburayo 7:25). Bityo rero, umurimo wo mu buturo bwo mu ijuru ukorwa inshuro imwe ngo bibe bihagije by'iteka ryose, aho kugira ngo ube umurimo wa buri mwaka. Aho kugira ngo ugende usubirwamo uko umwaka utashye, ugenerwa gukorwa inshuro imwe ikomeye, muri yo ukaba ukozwe kandi ukarangira by'iteka ryose.

Inshuro imwe mu mwaka y'umurimo wakorerwaga mu buturo bwo ku isi, yerekanaga umurimo wose wo mu buturo bwo mu ijuru. Mu buryo bw'igishushanyo, wari umurimo ukorwa mu mwaka mu gihe cy'umwanya muto. Mu buryo bw'ukuri, kwezwa k'ubuturo kugomba kuba umusozo w'umurimo wa Kristo, ari we Mutambyi wacu Mukuru, mu ihema ryo mu ijuru. Mu buryo bw'igishushanyo, kugira ngo umutambyi mukuru yeze ubuturo, yinjiraga Ahera Cyane agiye gukorera umurimo imbere y'Imana imbere y'isanduku y'isezerano ryayo. Mu buryo bw'ukuri, ubwo igihe cyari gisohoye ngo ubuturo bwezwe, Umutambyi wacu Mukuru, mu buryo nk'ubwo yinjiye Ahera Cyane ngo bibe bihagije by'iteka ryose, kugira ngo ahakorere buheruka umurimo wo gusabira ikiremamuntu.

Musomyi, noneho ubu urabona akamaro k'iyi nsanganyamatsiko? Mbese utangiye gusobanukirwa uburyo ingingo y'ubuturo bw'Imana ari ikintu gikwiriye gushishikarirwa n'abari mu isi? Mbese urareba uburyo inama yose y'agakiza ishingiye aha ngaha, kandi ko igihe izaba irangiye, igihe cyo kwemererwamo kizaba gishize, kandi abakizwa n'abazarimbuka bazaba bamaze kwemezwa by'iteka mu buryo budasubirwaho? Mbese urabona ko kwezwa k'ubuturo ari umurimo w'igihe gito kandi ukaba umurimo udasanzwe, uwo inama ikomeye y'agakiza izasohorezwamo by'iteka ryose? Mbese urabona ko turamutse dusobanukiwe neza igihe

umurimo wo kwezwa k'ubuturo utangirira, dushobora no kumenya igihe isaha ikomeye y'agakiza izasohorera, ari cyo gihe itangazo rikomeye ry'amagambo y'ubuhanuzi ribwirwa abari mu isi ngo "Mwubahe Imana muyihimbaze; kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye"? (Ibyahishuwe 14: 7). Iki ni cyo ubuhanuzi bubereyeho kwerekana; ni ukumenyesha abantu itangiriro ry'uyu murimo ukomeye. "Bizageza iminsi 2300 uko bukeye bukira, nyuma ubuturo buzabone kwezwa." Mu buturo bwo mu ijuru ni ho icyemezo cy'ibintu byose kigomba gufatirwa. Uko umurimo uhakorera ukomeza kujya mbere, ni ikintu inyokomuntu yose yari ikwiriye guhugukira. Abantu baramutse basobanukiwe icyo izi ngingo zijyanye n'ibyiteka ryose zishatse kuvuga, bashakashaka igihe cyiza cyo kubyiga bahugutse kandi basenga.

UMURONGO WA 15 Nuko jye ubwanjye Daniyeli, maze kubona ibyo neretswe ibyo ngashaka kubimenya, ngiye kubona mbona igisa n'umuntu kimpagaze imbere, **16** maze numva ijwi ry'umuntu riturutse hagati y'uruzi Ulayi arahamagara ati "Gaburiyeli we, sobanurira uwo muntu ibyo yeretswe."

Noneho ubu twinjiye mu busobanuro bw'iyerekwa. Twarangije kuvuga yuko Daniyeli yifuzaga gusobanukirwa n'ibi bintu. Yashatse kumenya ubusobanuro bwabyo. Uwo mwanya, imbere y'umuhanuzi hahise hahagarara ikimeze nk'umuntu. Daniyeli yumvise ijwi ry'umuntu, ni ukuvuga ijwi rya marayika ryari rimeze nk'uko umuntu avuga. Itegeko ryaratanze kugira ngo uyu muntu witwa Daniyeli asobanukirwe iyerekwa. Iryo tegeko ryahabwaga Gaburiyeli, izina risobanura ngo "imbaraga z'Imana" cyangwa "umuntu w'Imana." Akomeza amabwiriza ye yahaga Daniyeli mu gice cya 9. Mu binyejana byakurikiyeho, uyu mu marayika ni we na none wahawe umurimo wo kujyana inkuru y'ukuvuka kwa Yohana umubatiza akayimenyesha se Zakariya, n'inkuru y'ukuvuka kwa Mesiya akayishyira umwari Mariya. (Luka 1:26). Igihe yavuganaga na Zakariya, yivuze muri aya magambo: "Ndi Gaburiyeli uhagarara imbere y'Imana." (Luka 1:19). Duhereye kuri ibi, biragaragara ko hano Gaburiyeli yabwirwaga n'umurusha gukomera, wari ufite ububasha bwo gutegeka no kuyobora umurimo we. Birashoboka ko uyu yaba yari umutware w'abamarayika, Mikayire cyangwa Kristo.

UMURONGO WA 17 Nuko ansanga aho nari mpagaze, ariko akiza ndatinya nikubita hasi nubamye, nuko arambwira ati: "Umva yewe mwana w'umuntu, ibyo weretswe ni iby'igihe cy'imperuka." **18** Ariko akimbwira ndarabirana nk'usinziye uko nakubamye, ankoraho arambyutsa. **19** Arambwira ati "Umva, ngiye kukumenyesha ibizaba mu gihe cy'umujinya wo ku mperuka, kuko ari iby'igihe cy'imperuka cyategetswe.

Igihe Daniyeli yikubitaga hasi imbere ya marayika, ntabwo yari afite intego yo kumuramya kubera ko bibujijwe kuramya abamarayika. (Reba Ibyahishuwe 19:10; 22:8,9). Daniyeli asa n'aho yari atentebukiye imbere

y'ubwiza bw'intumwa yari ivuye mu ijuru. Yikubise hasi yubamye. Yamurambitseho ikiganza kugira ngo amukomeze (mbega ukuntu ibihe byinshi abantu bapfa bagiye babwirwa n'ibiremwa mvajuru ngo "witinya!"), maze amuvana aho yari yubamye mu ntegenke aramuhagurutsa ahagarara yemye.

Amagambo rusange ngo igihe cyategetswe nikigera imperuka izaza, kandi ko azamumenyesha "ibizabaho mu gihe cy'umujinya wo ku mperuka", marayika aba yinjiye mu gusobanura ubuhanuzi. Ijambo "umujinya" rigomba kumvikana nk'ikintu kizaba kikamara igihe runaka. Mbese ni mu kihe gihe? Imana yabwiye ubwoko bwayo bwa Isirayeli ko izabasukaho umujinya wayo kubera ibyaha byabo; nuko itanga amabwiriza arebana n' "abami ba Isirayeli banduye." "Ikureho igisingo, wiyambure ikamba. ... Nzabyubika, nzabyubika, nzabyubika; ntibizongera kubaho kugeza igihe nyirabyo ubifitiye ubushobozi azazira; nanjye nzabimuha." Ezekiyeli 21: 25-27, 31.

Hano turahabona igihe cy'umujinya w'Imana igirira ubwoko bwayo bw'isezerano, igihe ubuturo bwera n'ingabo bizasiribangirwamo. Igisingo cyakuweho ndetse n'ikamba bararyamburwa igihe Abisirayeli bahindukaga ingaruzwamuheto z'ubwami bw'Abanyababuloni. [Ibintu] byubitswe n'Abamedi n'Abaperesi, byongera kubikwa n'Abagiriki, na none byongera kubikwa n'Abaroma; ibyo bikaba bihura n'inshuro eshatu umuhanuzi yasubiyemo iryo jambo. Abayuda bamaze kwanga Kristo, bidatinze baratatanyijwe bakwira amahanga yose yo ku isi. Isirayeli yo mu buryo bwa Mwuka yatangiye kubaho ikomotse muri urwo rubyaro rw'umwimerere; nyamara baracyategukwa n'ubutegetsi bwo mu isi, kandi bizakomeza kumera bityo kugeza igihe intebe y'ubwami ya Dawidi izashingwa—kugeza igihe nyirabyo ubifitiye ubushobozi, ari we Mesiya, Umwami w'amahoro azazira. Ubwo ni bwo umujinya uzahagarara. Ibintu bizabaho mu iherezo ry'icyo gihe, ubu ni bwo marayika agomba kubimenyesha Daniyeli.

UMURONGO WA 20 "Impfizi y'intama y'amahembe abiri wabonye, ni bo bami b'Abamedi n'Abaperesi. 21 Kandi ya sekurume y'ihene y'igikomo ni umwami w'i Bugiriki, kandi ihembe rinini riri hagati y'amaso yayo ni we mwami wabo wa mbere. 22 Kandi nk'uko ryavunitse mu cyimbo cyaryo hakamera andi mahembe ane, uko ni ko hazaba ubwami bune bukomoka muri ubwo bwoko, ariko buzaba budafite amaboko nk'ay'uwa mbere.

Gusobanura Iyerekwa.—Nk'uko abigishwa basabye Umwami, natwe hano ni ko dushobora kuvuga ku byerekeranye na marayika wavuganaga na Daniyeli ngo "Dore noneho aravuga mu buryo bweruye, kandi ntabwo aduciriye umugani." Ubu busobanuro bw'iyerekwa buri mu mvugo yeruye ku buryo umuntu abasha kubusobanukirwa. (Reba amagambo yatanze ku busobanuro ku mirongo ya 3-8). Ikintu cyihariye cyarangaga ubwami bw'Abaperesi, ari bwo bumwe bwarangaga amahanga abiri yari agize ubwo bwami, kigaragazwa n'amahembe abiri y'imfizi y'intama. Ubwami bw'Ubugiriki bwageze ku rugero rwo gukomera nk'ubufatanyirije hamwe igihe bwari buyobowe na Alegizandere Ukomeye, uwari umujenerali

wamenyekanye mu bo isi yigeze kumenya. Iki gice cy'amateka gihagarariwe n'umugabane wa mbere w'ibyaranze ihene, igihe ihembe rigaragara cyane ryashushanyaga Alegizandere Ukomeye. Igihe yapfaga, ubwami bwigabanyijemo ibice, nyamara bidatinze buhindukamo imigabane ine ikomeye. Ibi byashushanijwe n'umugabane wa kabiri w'ibyaragaye ku ihene, igihe amahembe ane yameraga aho ihembe rya mbere ryari riri, igihe ryari rimaze kuvunika. Iyo migabane ine ntabwo yahagaze mu mbaraga ze. Nta n'umwe muri iyo migabane wagize imbaraga zihwanye n'iz'ubwami bwa mbere bwari bufite. Ibi bimenyetso by'inziya y'amateka, ibyo umwanditsi w'amateka yanditseho ibitabo byinshi, umwanditsi ufite impano hano abiduhaho urukurikirane rusobanutse neza akoresheje imirongo mike yanditswe n'ikaramu.

UMURONGO WA 23 "Igihe ubwo bwami buzaba bwenda gushirira, abanyabyaha bamaze gukabya, umwami w'umunyamwaga umenya ibitamenyekana azima. 24 Imbaraga ze zizaba zikomeye, ariko ntizizaba ari ize ubwe. Azarimbura bitangaje, azabasha ibyo yagambiriye, azarimbura abakomeye n'ubwoko bw'abera. 25 Azagira imigambi ituma abashishwa byose n'uburyarya, kandi azishyira hejuru mu mutima we, azarimbura benshi biraye ndetse azahaguruka kurwanya Umwami w'abami. Ariko azavunagurika nta wumukozeho.

Ubu butegetsi busimbura imigabane ine y'ubwami bw'ihene yaranze igihe cyaherutse amateka y'ubwo bwami, ni ukuvuga ugana ku musozo w'igihe cy'ubutegetsi bwabo. Ni ukuvuga nyine mu gihe kimwe n'icy'agahembe gato kavutsemo ugakomeza. Bihuze na Roma, nk'uko bigaragara mu magambo yavuzwe nk'ubusobanuro bw'umurongo wa 9, kandi byose biruzuzanya ndetse birasobanutse.

Umwami Ufite mu Maso Hagaragaza Urugomo.—Mu kuvuga ibijyanye n'igihano cyari kugera ku Bayuda mbere y'uko biba gikomotse kuri ubu butegetsi, Mose abwira "ishyanga rifite mu maso hagaragaza urugomo." (Gutegeka kwa kabiri 28:49,50). Nta bwoko bwigeze kugaragara mu buryo buteye ubwoba mu byerekeye intambara nk'ubwoko bw'Abaroma.

Kugira ngo "usobanukirwe izo nteruro zijimye," Mose avugira muri ibyo byanditswe byavuzwe mbere ngo: ni "ishyanga uzaba [Abayuda] utazi ururimi rwayo." Ubihuje n'Abayuda, ibi ntibyashoboraga kuvugwa ku Banyababuloni, cyangwa ku Baperesi, cyangwa ku Bagiriki; kubera ko ururimi rw'Igikaludaya n'urw'Ikigiriki zakoreshezwaga muri Palesitina ku rugero runaka. Nyamara ibi si ko byari bimeze ku rurimi rw'Ikilatini.

Mbese abanyabyaha "bazaba bamaze kugwira" ryari? Igihe cyose isano iri hagati y'ubwoko bw'Imana n'ababurenganyaga ikomeje kwitabwaho. Ubwoko bwayo bwararetswe ngo bujyanwe mu bunyage bitewe n'ibicumuro byabo. Gukomeza kuguma mu cyaha kwabo kwagiye kubazanira ibihano birushijeho kuba bibi. Nta gihe ishyanga ry'Abayuda ryigeze kwangirika cyane mu mico mbonera nko mu gihe ryategekwe n'Abaroma.

Roma ya Gipapa Izaba “Ikomeye ariko Imbaraga Zayo Ntizizaba Ari Izayo Bwite.”—Kugera ku ntego kw’Abaroma, ahanini babikeshaga ubufasha bw’ababaga babashyigikiye, ndetse bigaterwa no gucikamo ibice kw’abanzi babo, ibyo bakaba ari byo bahoraga biteguye kuboneramo icyuho. Roma ya gipapa na yo yagiraga imbaraga binyuze mu butegetsi bwa Leta, akaba ari bwo yuririragaho ikigarurira abantu mu bya Mwuka.

“Azarimbura bitangaje.” Ibinyujije mu muhanuzi Ezekiyeli, Imana yabwiye Abayuda ko yari kubagabiza abantu bafite «ubuhanga mu kurimbura» (Ezekiyeli 21:31); kandi kwicishwa inkota kw’Abayuda ibihumbi 110 igihe ingabo z’Abaroma zarimburaga Yerusalemu cyari igihamba giteye ubwoba gishimangira aya magambo y’umuhanuzi. Roma mu mugabane wayo wa kabiri, cyangwa se igihe cy’ubupapa, ibarwaho urupfu rwa miliyoni nyinshi z’abantu bazize kwizera kwabo.

“Azagira imigambi ituma abashishwa byose n’uburyarya.” Roma yigaragaje cyane kurenza ubundi butegetsi bwose binyuze mu migambi y’uburyarya, ibyo yakoresheje maze ikigarurira amahanga. Ibi ni ukuri byaba kuri Roma ya gipagani ndetse no kuri Roma ya gipapa. Binyuze mu buryo bwo gusezerana amahoro, yarimbuye benshi.

Ku iherezo, binyuze muri umwe mu bayobozi bayo, Roma yahagurukiye kurwanya Umwami w’abami, igihe yaciraga Yesu Kristo urubanza rwo gupfa. “Ariko azavunagurika ntawe umukozeho.” Ibi bihura n’ibivugwa mu buhanuzi bwa Daniyeli 2:34, aho “ibuye ritarimbuwe n’intoki z’umuntu” riza rikarimbura ubutware bwose bwo ku isi.

UMURONGO WA 26 Ibyerekanywe byavuzwe ko bizaba muri iyo minsi, uko buzacya bukira ni iby’ukuri, ariko ujye ubizigama kuko ari iby’igihe gishyize kera.” 27 Nuko jyewe Daniyeli mperako ndaraba, mara iminsi ndwaye. Bukeye ndahaguruka nkora imirimo y’umwami ariko ntangazwa n’ibyo neretswe ibyo, nyamara nta muntu wabimenye.

“Ibyerekanywe byavuzwe ko bizaba muri iyo minsi uko buzacya bukira” birengurira ku gihe cy’iminsi 2300. Daniyeli abonye igihe kirekire cyo gutotezwa n’amakuba bizaba ku bwoko bwe, yararabye, amara iminsi arwaye. Yatangajwe n’ibyo yeretswe ariko ntiyabisobanukiwe. Mbese ni ukubera iki Gaburiyeli muri kiriya gihe atakomeje ngo arangize rwose inyigisho ze, kugira ngo bitume Daniyeli asobanukirwa rwose n’iyerekwa? Nta gushidikanya, byatewe n’uko Daniyeli yari yarangije guhabwa ibyo yashoboraga kwakira. Ku bw’iyo mpamvu, andi mabwiriza n’ubusobanuro byabikiwe kuzatangwa mu gihe kizaza.

IGICE CYA 9

IGIPIMO CY'IGIHE

CYA GIHANUZI

KIBUMBATIYE

IBINYEJANA BYINSHI

DANIYELI 9

UMURONGO WA 1 Mu mwaka wa mbere wo ku ngoma ya Dariyo mwene Ahasuwerusi, wo mu rubyaro rw'Abamedi wimitswe ngo abe umwami w'igihugu cy'Abakaludaya, 2 muri uwo mwaka wa mbere wo ku ngoma ye, jyewe Daniyeli nasomye ibitabo binsobanurira umubare w'imyaka i Yerusalemu hazamara hashenywe ko ari imyaka mirongo irindwi, byavuzwe n'ijambo ry'Uwiteka mu kanwa k'umuhanuzi Yeremiya.

Iyerekwa rivugwa mu gice cya 8 ryatanzwe mu mwaka wa gatatu wo ku ngoma ya Belushazari, mu mwaka wa 538 M.K. Ibivugwa muri iki gice byabaye mu mwaka wa mbere wo ku ngoma ya Dariyo. Kubera ko Belushazari ari umwami wa nyuma wategetse Babuloni na Dariyo akaba umwami wa mbere wategetse ingoma y'Abamedi n'Abaperesi, birashoboka ko ibivugwa muri ibi bice bibiri bitandukanywa n'igihe cy'umwaka umwe.

Imyaka Mirongo Irindwi y'Ubunyage.—Nubwo Daniyeli nka Minisitiri w'intebe mu bwami bukomeye cyane ku isi yari afite imirimo myinshi n'ibimurujije, ntiyigeze yemera ko ibi bimubuza amahirwe yo kwiga ibintu birushijeho kuba iby'igiciro gikomeye—ari byo migambi ikomeye Imana yahishuriye abahanuzi bayo. Yasobanukiwe ibintu binyuze mu bitabo, ni ukuvuga inyandiko za Yeremiya, maze amenya ko Imana yari gushyira iherezo ku myaka 70 y'ubunyage bw'ubwoko bwayo. Ubu buhanuzi buboneka mu gitabo cya Yeremiya 25:12; na 29:10. Kumenya iki gitabo ndetse no kumenya agaciro kacyo, byerekana ko Yeremiya yafatwaga nk'umuhanuzi wahumekewemo n'Imana. Iyo bitaba bimeze bityo, inyandiko ze ntizari kwegeranywa neza zityo, kandi ngo zandukurwe ari

nyinshi zityo. Nubwo mu gihe runaka bigaragara ko Daniyeli yari uwo mu gihe kimwe n'icya Yeremiya, yajyanye zimwe mu nyandiko za Yeremiya mu gihugu cy'ubunyage. Nubwo na we ubwe yari umuhanuzi ukomeye, ntabwo yirengagizaga kwigana ubwitonzi ibyo Imana yahishuriye abandi bagaragu bayo.

Imyaka 70 y'ubunyage ntigomba kwitiranywa n'ibyumweru 70 biyikurikira. Daniyeli atekereje ko igihe cy'imyaka 70 y'ubunyage gitangirira mu mwaka wa 606 M.K., yasobanukiwe ko barimo begereza iherezo ryayo, ndetse ko n'Imana yari yaratangiye gusohozza ubuhanuzi binyuze mu guhirika ingoma ya Babuloni.

UMURONGO WA 3 Mpanga amaso Umwami Imana yanyje, mushakisha gusenga no kwinginga niyiriza ubusa, nambara ibigunira, nisiga ivu.

Ntidukwiriye kureka inshingano yo kwingingira Imana gusohozza ijamba ryayo bitewe n'uko yari ibyo yasezeranye. Daniyeli ashobora kuba yaratekereje mu buryo bwe ati: "Imana yasezeranye kubatura ubwoko bwayo mu iherezo ry'imyaka 70, kandi izasohozza isezerano ryayo; ku bw'ibyo rero ngomba gushishikazwa n'iki kintu." Ntabwo Daniyeli yibwiye ibintu mu mutima we; ahubwo uko yabonaga igihe cyegereza ugusohozwa kw'ijamba ry'Uwiteka, yerekeje umutima we ku gushaka Uwiteka.

Mbega ukuntu yirunduriye muri uyu murimo ndetse agakoresha kwiwiriza, akambara ibigunira, ndetse akisiga ivu! Birashoboka ko muri icyo gihe ari cyo Daniyeli yajugunywemo mu rwobo rw'intare. Umusomyi azibuka ko itegeko ryari ryashyizweho umukono n'umwami ryabuzaga abantu bo mu bwami yategekaga gusenga cyangwa gusaba undi muntu cyangwa indi mana iyo ari yose, keretse umwami, maze ubirenzeho agahanishwa igihano cy'urupfu. Daniyeli ntabwo yitaye kuri iri tegeko, maze akomeza gusenga inshuro eshatu ku munsu akinguye amadirishya yerekeye i Yerusalemu.

UMURONGO WA 4 Nsenga Uwiteka Imana yanyje nyaturira nti "Nyagasani Mana nkuru y'igitinyiro, ikomeza gusohozza isezerano no kugirira ibambe abayikunda bakitondera amategeko yayo.

Isengesho rya Daniyeli Rizwi Cyane.—Hano turahabona uburyo isengesho ritangaje rya Daniyeli ritangira, isengesho ryerekana ukwicisha bugufi n'agahinda ko mu mutima ku buryo nta warisoma ngo abure kumva akozweho mu mutima. Atangira agaragaza ko Imana ari indahemuka, ko itajya inanirwa gusohoreza abayobokeye bayo ibyo yabasezeraniye. Kuba Imana itararengeye Abayuda kandi ngo ibakomeze, ntibyaturutse kuri Yo, ahubwo byatewe n'ibyaha byabo.

UMURONGO WA 5 "Twaracumuye tuba ibyigenge, twakoze nabi twaragomye, turateshuka tuva mu mategeko n'amateka yawe. 6 Ntitwumviye

abagaragu bawe b'abahanuzi, bajyaga babwira abami bacu n'abatware bacu na ba sekuruza bacu, n'abantu bo mu gihugu bose mu izina ryawe. 7 Nyagasani, gukiranuka ni ukwawe ariko ibyacu ni ugukorwa n'isoni, nk'uko bibaye ubu ku Bayuda n'abaturage b'i Yerusalemu, n'Abisirayeli bose ba bugufi n'abatuye kure mu bihugu byose, aho wabirukaniye ubahoye ibicumuro bagucumuyeho. 8 Nyagasani, ku bwacu n'abami bacu n'abatware bacu na ba sogokuruza bacu, ni ugukorwa n'isoni kuko twagucumuyeho. 9 Umwami Imana yacu ni yo ifite imbabazi n'ibambe, nubwo twayigomeye 10 ntitwumvire Uwiteka Imana yacu ngo tugendere mu mategeko yayo yadushyize imbere, avuzwe n'abagaragu bayo b'abahanuzi. 11 Ni koko Abisirayeli bose baciye ku mategeko yawe, bariyobagiza kugira ngo batakumvira. Ni cyo cyatumye dusandazwamo umuvumo n'indahiro, byari byaranditswe mu mategeko ya Mose umugaragu w'Imana, kuko twagucumuyeho. 12 Maze ikomeza amagambo yayo yatuvuzeho, no ku bacamanza bacu baduciraga imanza, ubwo yatuzaniraga ibyago bikomeye kuko nta handi munsu y'ijuru higeze hagenzwa nk'uko i Yerusalemu hagenjewe. 13 Ibyo byago byose byadusohoyeho nk'uko byanditswe mu mategeko ya Mose, nyamara ntabwo twinginze Uwiteka Imana yacu ngo itugirire imbabazi, ndetse ntitwareka gukiranirwa kwacu ngo tumenye iby'ukuri byayo. 14 Ni cyo cyatumye Uwiteka atugenera ibyo byago akabiduteza, kuko Uwiteka Imana yacu ari yo ikiranuka mu mirimo yayo yose ikora, ariko twe ntituyumvira.

Kugeza muri uyu mwanya, isengesho rya Daniyeli ryari riri gukoreshwa mu buryo bwo kwatura icyaha afite umutima umenetse. Ahagarara mu ruhande rw'Uwiteka akemera ko ibyaha by'ubwoko bwe ari byo byatumye ibyago byose bibageraho, nk'uko Imana yari yarabibabwiye ibinyujije mu muhanuzi Mose. Ntabwo yitandukanya nabo ngo yivuge neza. Mu isengesho rye, ntabwo Daniyeli yiyerekana nk'umukiranutsi. Nubwo yari yarababajwe igihe kirekire ku bw'ibyaha by'abandi, akihanganira imyaka 70 y'ubunyage bwatewe n'ibyaha by'ubwoko bwe, yagize imibereho yo kubaha Imana, ndetse ahabwa icyubahiro n'imigisha biva ku Uwiteka mu buryo bugaragara. Nta we ashinja, ntabwo yisabira kugirirwa neza nk'uwarenganiye mu makosa y'abandi bantu, ahubwo yishyira hamwe n'abandi akavuga ati: "Twaracumuye kandi ku bwacu ni ugukorwa n'isoni. Yemera ko batumviye ibyo Imana yari yateganiye kubigisha binyuze mu mibabaro yabo.

UMURONGO WA 15 "Noneho Nyagasani Mana yacu, nubwo wakuje ubwoko bwawe muri Egiputa amaboko yawe akomeye, ukihesha icyubahiro kugeza ubu, twaracumuye dukora nabi. 16 Nyagasani, ndakwinginze ku bwo gukiranuka kwawe kose, uburakari bwawe bw'inkazi buve ku murwa wawe i Yerusalemu no ku musozi wawe wera, kuko i Yerusalemu n'ubwoko bwawe bihindutse igisuzuguriro mu bantu bose badukikije, ku bw'ibyaha byacu no gukiranirwa kwa ba sogokuruza bacu. 17 Nuko noneho Mana yacu, umva gusenga k'umugaragu wawe no kwinginga kwe, kandi ku bwawe Uwiteka, umurikishirize mu maso hawe ubuturo bwawe bwera bwasenyutse. 18 Mana yanjye, tega amatwi yawe wumve, hwejesha amaso yawe urebe

ibyacu byacitse n'umurwa wawe witwa uw'izina ryawe, kuko ibyo twakwingiye tutabigushyize imbere twishingikiriye ku gukiranuka kwacu, ahubwo ni ku bw'imbabazi zawe nyinshi. **19** Umva Nyagasani babarira, Nyagasani twumvire, Nyagasani ugire icyo ukora ntutinde, Mana yanjye kugira ngo izina ryawe ryubahwe, kuko umurwa wawe n'abantu bawe byitwa iby'izina ryawe."

Noneho umuhanuzi ashyira icyubahiro cy'Uwiteka imbere nk'impamvu imutera kwifuza ko isengesho rye ryakumvirwa. Avuga ku gucungurwa kwa Isirayeli igihe bavaga muri Egiputa, no kumenyekana kw'izina ry'Uwiteka kwabayeho bitewe n'imirimo itangaje yakoreye hagati muri bo. Ibi byose byaba bizimiye, iramutse noneho ibaretse bakarimbuka. Mose yakoresheje ingingo nk'iyi igihe yarimo asabira Abisirayeli (Kubara 14). Ntabwo ari uko Imana itwarwa n'impamvu zo kwikunda no kwishakira icyubahiro cy'ubusa; ariko iyo ubwoko bwayo bugize ishyaka kubw'izina ryayo, igihe berekanye urukundo bayikunda binyuze mu kuyisaba kugira icyo ikora, ntibubikorere guharanira inyungu zabwo, ahubwo bakabikorera kugira ngo ihabwe icyubahiro, kugira ngo izina ryayo ritajyaho igisuzuguriro cyangwa rigatukwa mu bapagani, ibyo ngibyo irabyemera. Noneho Daniyeli asabira umurwa wa Yerusalemu, witiriwe izina ry'Imana, n'umusozo wayo wera uwo yakundaga cyane, maze arayihendahenda cyane, ngo kubw'imbabazi zayo iyikureho uburakari bwayo. Noneho ubuheruka, ibitekerezo bye abishyira ku buturo bwera, ahantu Imana ubwayo yari ituye ku isi, maze arasaba ngo amatongo yabwo yongere asanwe.

Daniyeli yasobanukiwe yuko imyaka mirongo irindwi y'ubunyage yari yegereje iherezo ryayo. Kubwo kwitiranya ubuturo, biragaragara ko kugeza ubwo, atari yagasobanukirwa iyerekwa ry'ingenzi yari yahawe mu gice cya 8 ku buryo yatekereje yuko iminsi 2300 yaba yararangiranye n'icyo gihe. Uku gufata ibintu mu buryo butari bwo byaje gukosorwa igihe marayika yazaga akamuha andi mabwiriza nk'igisubizo cy'isengesho rye.

UMURONGO WA 20 Nuko nkivuga, nsenga natura ibyaha byanjye n'iby'ubwoko bwanjye bw'Abisirayeli, kandi ntakambira Uwiteka Imana yanjye ku bw'umusozo wera w'Imana yanjye, **21** ngikomeje gusenga umugabo Gaburiyeli nabonaga ngitangira kwerekwa aratumwa, maze aragaruka aza n'ingoga igihe cyo gutamba igitambo cya nimugoroba cyendaga kugera, ankoraho.

Isengesho rya Daniyeli Risubizwa.—Hano tuhafite ibyavuye mu kwinginga kwa Daniyeli. Atungurwa n'intumwa ivuye mu ijuru. Marayika Gaburiyeli yongera kuboneka nk'uko yari yigaragaje bwa mbere afite ishusho isa n'iy'umuntu, uwo Daniyeli yari yabonye agitangira kwerekwa akamukoraho. Ikibazo cy'ingenzi nyamukuru hano kigomba gusobanuka ni iki: mbese iyerekwa ryo muri Daniyeli 8 ryarasobanuwe, kandi rishobora gusobanukira umuntu? Mbese ni irihe yerekwa Daniyeli aba arenguriraho igihe avuga ngo "nabonaga ngitangira kwerekwa"? Abantu

bose bazasanga ari rya yerekwa dufiteho amakuru mu mugabane ubanziriza uyu, kandi ko muri iryo yerekwa tuzabonamo ahantu havugwa Gaburiyeli. Tugomba gusubira inyuma hirya y'iki gice cya 9 kubera ko ibyo dufite byose bibanziriza kugaragara kwa Gaburiyeli ari isengesho rya Daniyeli. Dusubiye inyuma, noneho tukareba mu bice bibanza, tubona havugwa gusa amayerekwa atatu gusa Daniyeli yahawe. Ubusobanuro bw'inzozi za Nebukadinezari Daniyeli yahawe mu iyerekwa rya nijoro. (Daniyeli 2:19). Nyamara nta hantu na hamwe havugwa marayika waba warabaye igikoresho muri ibyo bintu. Iyerekwa ryo muri Daniyeli igice cya 7 Daniyeli yarisobanuriye "n'umwe mu bari bahagaze aho," wenda birashoboka ko yaba yari marayika; ariko nta makuru dufite atubwira uwo mumarayika uwo ari we, nta nubwo hari ikindi kintu muri iryo yerekwa cyari gikeneye ubundi busobanuro. Iyerekwa ryo muri Daniyeli 8 rigaragaza ibintu by'umwihariko byerekanako ari ryo ryarengurirwagaho. Ni muri icyo gice Gaburiyeli abonekamo yivuga mu izina. Yahawe itegeko ryo gusobanurira Daniyeli ibyo yeretswe. Daniyeli yari yavuze yuko atari yabisobanukiye, byerekana yuko Gaburiyeli atari yarangije umurimo we mu musozo w'igice cya munani. Nta handi hantu muri Bibiliya hagaragaza ko iryo bwirizwa ryakomereje uretse mu gice cya 9. Ku bw'ibyo rero, niba iyerekwa ryo mu gice cya 8 atari ryo rirengurirwaho, nta handi hantu twaba dufite Gaburiyeli yaba yarigeze gusohozza mu buryo bwuzuye ayo mabwiriza yari ahawe, cyangwa se nibitaba ibyo, iryo yerekwa riraba ritarigeze risobanurwa. Ubu noneho amabwiriza marayika ari guha Daniyeli, nk'uko turi bubibone mu mirongo ikurikira, araba yuzuza rwose ibyaburaga muri Daniyeli 8. Ibi haboneka bikuraho ugushidikanya kuri hagati y'igice cya 8 n'igice cya 9 by'igitabo cya Daniyeli, kandi uyu mwanzuro urashimangirwa n'uko turi bwite ku mabwiriza yatanze na marayika.

UMURONGO WA 22 Arambwira anyigisha ati: "Daniyeli, ubu nzanywe no kungura ubwenge bwawe. 23 Ugitangira kwinginga haje ijambo, kandi nzanywe no kurikubwira kuko ukundwa cyane. Nuko iryo jambo uritekereze cyane, umenye n'ibyo weretswe."

Icyagenzaga Gaburiyeli.—Uburyo Gaburiyeli yivugamo muri uyu mwanya bwerekana yuko yari aje gusohozza umurimo runaka utari wararaniye. Ubu butumwa nta kindi buri cyo uretse itegeko yari yahawe ryo "gusobanurira uyu muntu ibyo yari yeretswe" nk'uko bivugwa muri Daniyeli 8. Aravuga ati: "Ubu nzanywe no kungura ubwenge bwawe." Kubera ko yari agifite ya nshingano yo gusobanurira Daniyeli, kandi nk'uko yari yasobanuriye Daniyeli mu gice cya 8 ibyo yashoboraga kwihanganira, nyamara kugeza ubwo akaba yari atarashobora gusobanukirwa ibyo yari yeretswe, noneho azanywe no gusobanura no kurangiza umurimo yari yahawe. Daniyeli agitangira kwinginga ashyizeho umwete, itegeko ryaraje; kubera ko Gaburiyeli yahawe itegeko ryo kujya gusura Daniyeli no kumugezaho iby'ingenzi yifuzaga kumenya.

Uhereye ku gihe byatwara umuntu gusoma isengesho rya Daniyeli kuva mu ntangiriro yaryo ukageza aho Gaburiyeli yigaragariza, umusomyi ashobora kubara akamenya urugero rwo kwihuta iyi ntumwa mvajuru yari ifite igihe yavaga mu rugo rwo mu ijuru itumwe kuri uyu mugaragu w'Imana. Nta gitangaje rero igihe Daniyeli avuga ko yagurutse akaza aho ari yihuta cyane, cyangwa se ko Ezekiyeli agereranya kwihuta kw'ibiremwa byo mu ijuru no kugenda k'umurabyo. (Ezekiyeli 1:14).

Yabwiye Daniyeli ati: "Umenye n'ibyo weretswe." Mbese ibyo yeretswe ni ibiki? Nta gushidikanya ni bya bindi atari yabashije gusobanukirwa bwa mbere nk'uko bivugwa mu mironko isoza y'igice cya 8. "Iryo jambo [iyerekwa] uritekereze cyane." Mbese ijambo rivugwa aha ni irihe? Ntabwo ari ubusobanuro bw'inzozi za Nebukadinezari, nta nubwo ari iyerekwa riri muri Daniyeli 7, kubera yuko nta kibazo cyari kigeze kiboneka muri ayo mayerekwa yombi; nyamara mu iyerekwa ryo muri Daniyeli 8, iryo arenguriraho igihe avuga ko ibitekerezo bye byuzuyemo gutangara no kudasobanukirwa. Na none marayika aravuga ati: "Nzanywe no kurikubwira."

Ntabwo Daniyeli yari yigeze akomererwa n'ibyo marayika yari yamusobanuriye ku byerekeranye n'imfizi y'intama, isekurume y'ihene, ndetse n'agahembe gato byashushanyaga Abamedi n'Abaperesi, Abagiriki ndetse na Roma. Nta nubwo yari yigeze yibeshya ku byerekeye iherezo ry'imyaka 70 y'ubunyage. Nyamara umutwari yari afite mu isengesho rye, ni ujyanye no gusanwa k'ubuturo bwari bwarasenyutse, bukaba bwari bwarabaye amatongo. Yari yafashe umwanzuro adashidikanya yuko igihe imyaka 70 y'ubunyage izaba igeze ku iherezo, ari nabwo ibyo marayika yari yamubwiye byerekeye kwezwa k'ubuturo kuza nyuma y'iminsi 2300 byari gusohorezwamo. Noneho rero agomba guhabwa iby'ukuri. Ibi bisobanura impamvu mu gihe runaka, nyuma gato y'iyerekwa ryari ryabanje, yari yohererejwe ibyo kumwigisha.

Imyaka 70 y'ubunyage yarimo igera ku iherezo. Daniyeli yari ari gukorera mu kudasobanukirwa. Ntiyagombaga kurekerwa muri uko kutamenya icyo iyerekwa rya mbere ryari risobanuye. Marayika yaravuze ati: "Nzanywe no kungura ubwenge bwawe." Mbese ni ubuhe buryo bundi isano iri hagati yo gusurwa na marayika ku nshuro ya mbere no kuri iyi nshuro yari kugaragazwa cyane kurenza uko byerekanwe muri aya magambo, mu gihe nk'iki, ndetse bigakorwa n'umuntu nk'uuyu?

Daniyeli Ukundwa Cyane.—Amagambo amwe asa n'aho akwiriye kwitabwaho mbere yuko tuva ku murongo wa 23. Ni amagambo marayika abwira Daniyeli agira ati: "Kuko ukundwa cyane." Aya magambo marayika ayazana mu buryo butaziguye ayakuye mu bikari byo mu ijuru. Yerekana uburyo [abo mu ijuru] basanzwe bafata Daniyeli.

Tekereza ku batuye mu ijuru, hejuru hasumba amajuru yose,—ku Mana Data, Umwana, abamarayika bera,—kuba babasha guha agaciro kangana kuriya umuntu upfa utuye hano ku isi, ku buryo bemerera marayika

gushyira uwo muntu ubutumwa ngo “ukundwa cyane”! Uru ni urugero rwo hejuru rw’icyubahiro abantu bapfa bashobora kugeraho. Aburahamu yageze ku rundi rugero, aho yashoboraga kwitwa “inshuti y’Imana;” na Enoki yageze ku rundi rugero, aho yashoboraga kuvugwaho ko “yagendanye n’Imana.” Mbese dushobora kugera ku rugero nka rumwe muri izo? Ntabwo Imana yita ku bantu runaka; ahubwo icyo yitaho ni imico yabo. Iyaba mu mico no mu kubaha Imana kwacu twashoboraga kumera nk’aba bantu babaye ibirangirire, twabasha kujyana urukundo rw’Imana rukagera kure cyane. Natwe dushobora kuba abantu bakundwa cyane—dushobora kuba inshuti z’Imana, kandi dushobora kugendana n’Imana. Muri iki gihe cyacu, tugomba kuba nk’icyo bari cyo mu gihe cyabo.

Hari imvugoshusho yakoreshejwe mu kwerekana itorero ryo mu minsi iheruka, igaragaza umubano wa bugufi umuntu agirana n’Imana: “Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire.” (Ibyahishuwe 3:20). Gusangira n’Imana byerekana umubano wimbitse uhwanyeye no kuba ukunzwe na Yo cyane, kuba ugendana na Yo, cyangwa kuba inshuti yayo. Mbega umwanya wo kwifuzwa! Mbega ukuntu bibabaje kubona uburyo ibibi bya kamere yacu bitubuza kugirana n’Imana umubano wimbitse! Yooo! Ku bw’ubuntu, tubasha kunesha ibi, tugashimishwa no kugirana ubumwe na yo tukiri hano ku isi, ndetse ku iherezo tukazinjira mu bwiza imbere yayo, ndetse tugasangira ifunguro ryo mu bukwe bw’Umwana w’Intama!

UMURONGO WA 24 “Ibyumweru mirongo irindwi bitegekewe ubwoko bwawe n’umurwa wera, kugira ngo ibicumuro bicibwe n’ibyaha bishire, no gukiranirwa gutangirwe impongano haze gukiranuka kw’iteka, ibyerekanywe n’ibyahanuwe bifatanishwe ikimenyetso, ahera cyane hasigwe amavuta.

Ibyumweru Mirongo Irindwi.—Aya ni amagambo ya mbere marayika yabwiye Daniyeli igihe yari atangiye kumugezaho ubutumwa yari amuzaniye. Mbese ni ukubera iki yahise atangiza amagambo avuga iby’igihe? Tugomba na none kwifashisha iyerekwa riri muri Daniyeli 8. Twabonye ko mu iherezo ry’iki gice Daniyeli avuga ko atari yasobanukiwe n’iby’iryo yerekwa. Imigabane imwe yo muri iryo yerekwa yari yasobanuwe neza mu gihe runaka. Ntabwo ishobora kuba ari yo atumvaga neza. Kubw’ibyo rero, twibaza icyo Daniyeli atari yashoboye gusobanukirwa icyo ari cyo, cyangwa se umugabane w’iryo yerekwa wari wasigaye udasobanuwe.

Muri iryo yerekwa ibintu bine byagaragaraga cyane ni ibi: imfizi y’intama, isekurume y’ihene, agahembe gato, ndetse n’igihe kingana n’iminsi 2300. Ikimenyetso cy’imfizi y’intama, icy’isekurume y’ihene, ndetse n’icy’agahembe gato byarasobanuwe, ariko nta kintu cyari cyigeze kuvugwa ku bijyanye n’igihe cy’iminsi 2300. Kubw’ibyo rero, iki gihe kigomba kuba ari ryo shingiro ryo kudasobanukirwa kwe. Indi migabane yiyerekwa ntacyo yari kumugezaho igihe cyose ubusobanuro bw’igihe cy’iminsi 2300 bwari kuba butabonetse.

Igihe Umudogiteri waminuje witwa Hales yagiraga icyo avuga ku byumweru 70, yaragize ati: "Uru ruhererekane rw'ubuhanuzi ...rwari rugenewe gusobanura iyerekwa ryarimo rivugwaho, by'umwihariko umugabane urebana n'iminsi 2300."⁷⁷

Niba iki gitekerezo kijyanye n'iyi nsanganyamatsiko ari icy'ukuri, twaba dukwiriye kwitega ko marayika ahera ku ngingo nyamukuru yari yavanywemo, ari yo y'igihe. Mu by'ukuri iyi ngingo ni yo tubona ko ari ukuri. Amaze gukangurira Daniyeli kwita ku iyerekwa rya mbere binyuze mu buryo bwahuranyije kandi bushimangira, kandi akamuhamiriza yuko yari azanywe no kongera ubwenge bwe, malayika atangirira ku ngingo yari yasigaye agira ati: "Ibyumweru 70 bitegekewe ubwoko bwawe n'umurwa wera."

Byagabanyijwe ku Minsi 2300.—Mbese ni mu buhe buryo iyi mvugo igira aho ihurira n'iminsi 2300, cyangwa se ikaba hari umucyo irasira kuri icyo gihe? Turasubiza tuti: "Iyi mvugo mu buryo burimo ubwenge, nta kindi kintu ishobora gusobanura. Ijambo ryakoreshejwe hano ngo "bitegekewe," risobanura ngo "byagabanyijweho;" kandi nta kindi gihe gitangwa mu iyerekwa cyaba cyaragabanyijweho ibi byumweru uretse iminsi 2300. Mbega ukuntu isano yigaragaza mu buryo butanyuze ku ruhande! "Ibyumweru 70 byagabanyijweho." Byagabanyijwe kuki? Nta gushidikanya byakuwe ku minsi 2300.

Ijambo "bitegekewe" muri uwo mugabane w'interuro riva ku ijambo ry'Igiheburayo *nechtak*, rishingiye ku muzi w'ijambo ryakoreshwaga kera ryasobanuwe n'uwitwa Strong ngo "kugabanyaho" (ni ukuvuga mu mvugo shusho) *gutanga itegeko*—(ryaje kuhindurwamo iri ngo: gutegekera). Ingeri ya Bibiliya yitwa "Authorized Version" isobanura iryo jambo mu buryo bumwe n'ubwo dufite ngo "bitegekewe." Ndetse n'indi ngeri ya Bibiliya yitwa "Revised Version" ikoresha ubu busobanuro bwa kabiri, maze ayo magambo ikayavuga itya: "ibyumweru mirongo irindwi bitegekewe [ni ukuvuga ngo byagenewe] ubwoko bwawe. Ushingiye ku busobanuro bwa mbere ndetse ugafata n'ubusobanuro bwatanze mu mvugo yorohejwe, tubona aya magambo ngo: "ibyumweru mirongo irindwi *byagabanyijweho* ngo bibe iby'ubwoko bwawe." Niba byaragabanyijweho, hagomba kuba hari ikintu kinini byagabanyijwe kirenze kuba ari byo ubwabyo—muri ubu buryo, byagabanyijwe ku myaka 2300 y'ubuhanuzi buvugwa ahangaha. Hashobora kongerwaho ko uwitwa Gesenius kimwe na Strong basobanuye kimwe aya magambo ngo: kugabanyaho, ...ni ukugabanyamo, bityo gutegekera, bikaba bisobanuye "gutanga itegeko." Bityo rero ashingira kuri Daniyeli 9:24 agasobanura uwo mugabane w'interuro atya ngo: "bitegekewe ubwoko bwawe" Uwitwa Davidson na we atanga ubusobanuro bumwe n'ubu maze agashingira kuri Daniyeli 9:24 nk'urugero yifashishije.

Noneho rero umuntu ashobora kwibaza ati: "Mbese ni ukubera iki abahindura mu zindi ndimi bacu bakoresheje ijambo *bitegekewe* aho

⁷⁷ William Hales, *A New Analysis of Chronology*, Vol. II, p. 517.

gukoresha ijambo ngo *byagabanyijweho*? Igisubizo ni iki: Nta gushidikanya birengagije isano iri hagati y'igice cya 8 n'igice cya 9, maze batekereza ko byaba bidakwiriye gusobanura ngo "*byagabanyijweho*" nyamara nta kintu cyaricyatanzwe ibyobyumweru mirongo irindwi byababayaragabanyijweho, nuko baha iryo jambo imvugoshusho aho kuriha ubusobanuro bwaryo busanzwe. Nyamara nk'uko twabibonye, ubusobanuro ndetse n'icyerekezo iryo jambo ryakoreshwagamo, bisaba ubusobanuro busanzwe, maze ubundi bwose bikabuhindura ubutemewe.

Ibyumweru 70, cyangwa iminsi 490 ivanwa mu minsi 2300, yari igenewe Yerusalemu n'Abayuda. Ibyagombaga kuba muri icyo gihe bivugwa mu nshamake. Ibicumuro byagombaga kugera ku musozo, ni ukuvuga ngo, ubwoko bw'Abayuda bwagombaga kuzuzwa igikombe cyo gukiranirwa kwabwo, kandi ibyo barabikoze koko igihe bangaga Kristo ndetse bakamubamba. Iherezo ry'ibyaha, cyangwa gutanga impongano z'ibyaha, ibyo bintu byagombaga gukorwa. Iki kintu cyabayeho igihe igitambo gikomeye cyatambirwaga i Kaluvari. Ubwiyunge butewe n'uko habayeho gukiranirwa, kwagombaga kubaho. Ibi byasohojwe mu rupfu rw'igitambo rw'umwana w'Imana. Gukiranuka kw'iteka ryose kwagombaga kuza, uko ni ugukiranuka Umwami wacu yerekanishije imibereho itagira inenge. Ibyerekanywe n'ibyahanuwe byagombaga gufatanishwa ikimenyetso, cyangwa bigahamywa ko ari ukuri.

Ubuhanuzi bugeragezwa hashingiwe ku byagombaga kubaho muri icyo gihe cy'ibyumweru mirongo irindwi. Ubusobanuro bw'iyerekwa ryose uko ryakabaye bwemezwa binyuze muri uko gusohora kw'ibyavuzwe. Niba ibivugwa ko bigomba kubaho muri icyo gihe bisohora neza nk'uko byavuzwe, ubuhanuzi buzaba bwaratanzwe n'Imana kandi buzasohora bwose uko bwakabaye. Niba ibi byumweru 70 bisohora nk'ibyumweru bisobanura imyaka, ni ko n'iminshi 2300 ibyo byumweru byagabanyijweho izaba isobanura igihe cy'imyaka myinshi.

Mu buhanuzi, umunsi ungana n'umwaka.—Mu gihe dutangiye kwiga ubuhanuzi bw'ibyumweru 70 cyangwa iminsi 490, bizaba byiza kwiyibutsa yuko mu buhanuzi bwo mu byanditswe umunsi uhagarariye umwaka. Mu gice cya 7, twatanze igihamba gituma twemera ihame rivuga yuko umunsi ungana n'umwaka; nyamara kubwo kugira ngo dufashe umusomyi, turatanga andi magambo y'uburyo bubiri yavuzwe n'abantu batandukanye:

"Mu buryo bumwe n'ubwo, Daniyeli yahishuriwe uburyo guhumanywa guheruka kwajyaga kubaho hanyuma ubuturo bukazabona kwezwa, maze kandi ibyerekanywe bikazaba bisohoye; kandi ibi byagombaga kuba nyuma y'iminsi 2300 uherye igihe itegeko ryari kuba rimaze gutangwa, ... hakurikijwe umubare wavuzwe hashingiwe k'uko umunsi uhwanywe n'umwaka nk'uko Ezekiyeli yabihishuriwe."⁷⁸

⁷⁸ Nicholas von Cusa, *Conjectures of Cardinal Nicholas von Cusa Concerning the Last Days*, p. 934.

“Ni ikintu kimwe cy’ukuri ko abasobanuzi benshi bo mu bihugu by’Abongereza ndetse na Amerika, imyaka myinshi bari bafite akamenyero ko kumva ko *iminsi* ivugwa mu gitabo cya Daniyeli ndetse no mu Byahishuwe ihagarariye cyangwa ishushanya *imyaka*. Nabonye bikomeye gukurikirana ngo umenye aho iyo myumvire rusange yakomotse, gusa nshobora kuvuga ko ari imyumvire y’abatuye isi bose cyangwa se akamenyero kabo.”⁷⁹

Uretse abandi bo muri iki gihe, ihame ry’uko umunsi uhwanye n’umwaka rifite abarishyigikira benshi barimo aba bakurikira: Augustine, Tichonius, Primasius, Andreas, the Venerable Bede, Ambrosius, Ansbertus, Berengaud, na Bruno Astensis.⁸⁰ Nyamara ikirushijeho gutanga umwanzuro kurusha ibindi byose ni uko ubuhanuzi bwashoye bukurikije rwose iri hame—icyo kikaba ari ikintu cyerekana ko iri hame ari iry’ukuri bitagize ikindi kintu icyo ari cyose bisaba. Ibi bizakomeza kugaragara mu buhanuzi bw’ibyumweru 70 no mu bindi bihe bya gihanuzi biboneka muri Daniyeli igice cya 7 n’icya 12, ndetse no mu gitabo cy’Ibyahishuwe igice cya 9, icya 12 ndetse n’igice cya 13.

Bityo rero, ibintu byabaye mu gihe cy’ibyumweru 70 bibazwe hakurikijwe ubu buryo, bitanga urufunguzo rwo gusobanukirwa iyerekwa ryose uko ryakabaye.

Gusigwa Amavuta kw’Ahera Cyane.—Dukurikije ubuhanuzi, “ahera cyane” hagombaga gusigwa amavuta. Amagambo yo mu Giheburayo *qodesh qadashim* asobanurwa hano ngo “ahera cyane,” ni amagambo akoreshwa muri rusange mu gitabo cy’Abalewi bashaka kwerekana *ibintu n’ahantu*, ariko nta hantu na hamwe akoreshwa berekana *abantu*, keretse ku bw’irengayobora riri muri uyu murongo. Nubwo rikoreshe mu Isezerano rya Kera ndetse hagakoreshwa irimeze nk’iryo mu Kigiriki mu Isezerano Rishya, gutandukanya ahera cyane ho mu ihema ry’ibonaniro, ntabwo bishingiye cyane kuri iyi mikoresherezwe y’iri jambo. Rikoreshe na none mu kwerekana ibikoreshe byinshi bifite aho bihuriye n’umurimo wera wakorerwaga mu buturo, nk’icyotero cy’imibavu gicuzwe mu muringa, ameza y’imitsima, igitereko cy’amatabaza, umubavu, imitsima idasembuye, igitambo cy’ibyaha, ituro ryo guhongerera igicumuro, ikintu cyose cyahizweho umuhigo, n’ibindi nk’ibyo, ariko nta na rimwe iryo jambo ryakoreshwaga ku bantu bafite aho bahuriye n’uwo umurimo. (Reba mu Kuva 29:37; 30:10, 29, 36; Abalewi 6: 17, 29; 7:1; 27: 28).

Murundi ruhande, igihe havuzwe ibyo gusigwa amavuta kubw’umurimo, iryo jambo riba ryerekeye ku ihema ubwaryo, ndetse no ku bikoreshe bikoreshe muri ryo. (Kuva 30: 26—29). Mu gitabo cya Daniyeli 9:24, ikintu kijyanye no gusigwa gisobanurwa neza icyo ari cyo mu buhanuzi. Ukurikije uko ijamba “ahera cyane” rikomeza guhuzwa n’iravuzwe haruguru, hari impamvu nyayo ituma twizera yuko muri uyu murongo

⁷⁹ Moses Stuart, *Hints on the Interpretation of Prophecy*, p. 74.

⁸⁰ See Edward B. Elliott, *Horae Apocalypticæ*, Vol. III, p. 234, notes 2-6.

gusigwa amavuta kw'ihema ryo mu ijuru ari ko kuvugwa hano. Ihema ryo mu ijuru ryasizwe amavuta ku bw'umurimo wihariye; kandi koko ukurikije icyarishushanyaga, byari bikwiriye ko ihema ryo mu ijuru risigwa amavuta kubw'umurimo nyawo cyangwa se w'ukuri, ubwo Umutamyi wacu Mukuru atangira umurimo we w'ubuntu wo gusabira abanyabyaha.

Mu gusuzuma iby'ubuturo ku busobanuro bwatanze muri Daniyeli 8:14, tubona yuko igihe cyageze ubuturo bwo ku isi bukabererekera ubuturo bwo mu ijuru, maze umurimo w'ubutambyi ukava ku mutambyi umwe ukimukira ku wundi. Mbere yuko umurimo utangira mu buturo bwo ku isi, ihema ndetse n'ibikoresho byera byakoreshwaga muri ryo byabanzaga gusigwa amavuta. (Kuva 40: 9, 10). Igikorwa giheruka ibyumweru 70 kivugwa aha ku bw'ibyo, ni ugusigwa amavuta kw'ihema ryo mu ijuru kugira ngo umurimo ukorerwayo ubashe gutangira.

UMURONGO WA 25 Nuko ubimenye, ubyitegereze yuko uhaye igihe bazategekera kubaka i Yerusalemu bayisana kugeza kuri Mesiya Umutware hazabaho ibyumweru birindwi, maze habeho ibindi byumweru mirongo itandatu na bibiri bahubake basubizeho imiharuro n'impavu, ndetse bizakorwa mu bihe biruhije. 26 Ibyo byumweru uko ari mirongo itandatu na bibiri nibishira Mesiya azakurwaho, kandi nta cyo azaba asigaranye. Maze abantu b'umutware uzaza bazarimbure umurwa n'ubuturo bwera, uwo iherezo rye rizaba nk'utembanywe n'umwuzure w'amazi, intambara n'ibyago bizarinda bigeza imperuka. Ni ko bitegetswe. 27 Uwo mutware azazezerana na benshi isezerano rikomeye, rimare icyumweru kimwe. Nikigera hagati azabuzanya ibitambo n'amaturu, umurimbuzi azaza ku ibaba ry'ibizira, maze kugeza ku mperuka yategetswe uburakari buzasandazwa kuri uwo murimbuzi."

Ibyumweru Mirongo Irindwi Bigabanywamo.—Marayika noneho abwira Daniyeli ikintu kizerekana itangiriro ry'ibyumweru 70. Byagombaga gutangirana n'itegeko ryo gusana no kubaka Yerusalemu. Ntabwo ikintu kigomba kuba ngo cyerekane itangiriro ry'iki gihe ari cyo cyatanze gusa, ahubwo hagaragajwe n'ibintu byari kuba mu iherezo ry'ibyo byumweru. Bityo, uburyo bubiri bwo gusuzuma icyo kintu bwatanze, kandi bishobora gushingirwaho kugira ngo tumenye icyo ubuhanuzi busobanura. Ariko na none ikirenze ibi byose, ni uko iki gihe cy'ibyumweru 70 na cyo kigabanyijemo indi migabane itatu mikuru. Umwe muri iyo migabane na wo ugabanyijemo, kandi ibikorwa biboneka hagati y'ibindi na byo biratangwa kugira ngo byerekane iherezo rya buri mugabane w'igihe muri iyo yose. Nidushobora kubona italiki ihuriza hamwe ibyo bintu byose biba, turaba dufite ikintu kidashidikanywaho cy'ubusobanuro nyakuri, kuko nta kintu gishobora kuzuza kandi ngo gisohoze ibyo bintu bisabwa atari cya kindi cy'ukuri.

Nimutyo noneho umusomyi amenye igitekerezo cy'ingingo zerekana ukuzuzanya kw'ibintu, kugira ngo abe yiteguye kwirinda ubusobanuro butari bwo. Mu ntangiriro z'icyo gihe tugomba kuhabona itegeko ryo

gusana no kubaka Yerusalemu. Uyu murimo wo gusubiza ibintu mu buryo ugenerwa ibyumweru birindwi. Iyo tugeze ku iherezo ry'uyu mugabane wa mbere w'igihe, ibyumweru birindwi biboneka mu ntangiriro zawo, tugomba kuhabona Yerusalemu isanwa mu buryo bw'ibigaragara, umurimo wo kubaka imiharuro yaho ndetse no gusubizaho inkike uba urangiye rwose. Uhereye icyo gihe, ibyumweru 62 nibwo bitangira kubarwa. Iyo tugeze ku iherezo ry'uyu mugabane, ubwo tuba tumaze kugeza mu byumweru 69 uvuye ku ntangiriro, tuba tugomba kuhabona ukwigaragaza mu isi kw'ibyavuzwe kuri Mesiya Umutware. Ikindi cyumweru kimwe cyongerwaho, bikaba bibaye ibyumweru 70. Hagati na hagati muri iki cyumweru, Mesiya akurwaho, kandi agatuma ibitambo n'amaturu bihagarara. Ku iherezo ry'icyo gihe cyari cyarahawe Abayuda nk'igihe bari barahawe ngo muri cyo babe ubwoko budasanze bw'Imana, tubona mu buryo bugaragara imigisha w'Imana n'umurimo wayo bijya ku bundi bwoko.

Intangiriro y'Ibyumweru Mirongo Irindwi.—Ubu noneho turibaza italiki y'ifatizo irahuriza hamwe ibi bintu bitandukanye. Itegeko rirebana na Yerusalemu ryagombaga kuba rikubiyemo ibirenze kubaka gusa. Hagombaga kubamo no gusubiza ibintu mu buryo. Hano tugomba kumvamo imihango n'andi mategeko yagengaga imibanire, ibya politiki n'ubucamanza bwo mu muryango mugari. Mbese itegeko nk'iri ryatanze ryari? Igihe Daniyeli yabwirwaga aya magambo, Yerusalemu yari ikiri amatongo, kandi yari imaze imyaka myinshi imeze ityo. Ugusubizwa mu mwanya yahozemo kwagombaga kubaho mu gihe cyajyaga gukurikiraho, kwari ukuvanwa muri ayo matongo yari irimo. Bityo rero turibaza tuti: "Ni mu buhe buryo Yerusalemu yashubijwe mu mwanya yahozemo nyuma y'igihe cy'imyaka 70 y'ubunyage?"

Hariho ibintu bine bishobora kwitabwaho nk'ibyabaye igisubizo kuri iryo tegeko ryo gusana no kubaka Yerusalemu. Ibyo bintu ni ibi bikurikira:

1. Itegeko rya Kuro ryo kongera kubaka inzu y'Imana, ryatanze mu mwaka wa 536 Mbere ya Kristo. [M.K.] (Ezira 1:1-4).
2. Itegeko ryatanze na Dariyo ryo gukomeza uwo murimo wari warakomwe mu nkokora, ryatanze mu mwaka wa 519 M.K. (Ezira 6:1-12).
3. Itegeko Aritazerusi yahaye Ezira mu mwaka wa 457 M.K.⁸¹ (Ezira 7).
4. Ubutumwa Nehemiya yahawe n'uwo mwami mu mwaka we wa 20 ari ku ngoma, hari mu mwaka wa 444 M.K. (Nehemiya 2).

⁸¹ Imyaka yo kuba ku ngoma ya Aritazerusi iri mu mataliki azwi neza cyane mu buryo bworoshye mu mateka. Inyandiko za Ptolemy n'urutonde rw'abami rubirimo ndetse n'ibivugwa n'abahanga mu bumenyi bw'inyenyeri, n'uruhererekane rw'imyaka Abagiriki babara bashingye ku mikino ya Olempike, ukongeraho n'ibyo amateka y'Abagiriki avuga ku byabaye ku ngoma y'Abaperesi, byose bishyira umwaka wa karindwi w'ingoma ya Aritazerusi mu mwaka wa 457 Mbere ya Kristo, bityo ibyo bikarenga ivuguruzanya ritandukanye rigenda ribaho. Soma ibyanditswe na Sir Isaac Newton, *Observations Upon the Prophecies of Daniel*, pp. 154-157. Abatunganyije iki gitabo.

Ubaze ibihe uhereye ku mategeko abiri abanza yo muri aya, ibyumweru 70 bya gihanuzi, cyangwa imyaka isanzwe 490, iyo myaka myinshi ntiyari kuba ihagije nibura ngo itugeze ku gihe cy'ubukristo. Uretse n'ibyo kandi, aya mategeko yarebanaga by'umwihariko no gusanwa k'urusengero no gusubizwaho kwa gahunda zo gusenga za Kiyahudi, ntabwo yarebanaga n'amategeko y'igihugu ajyanye n'ibya politiki, kandi ibyo byose byagombaga kuba bikubiye muri aya magambo ngo "*gusana* no kubaka Yerusalemu."

Aya mategeko abiri yari agize itangiriro ry'umurimo. Yari amategeko abanziriza ibyari gukorwa hanyuma. Nyamara yombi ubwayo akubiye hamwe, ntiyari ahagije ngo asohoze iby'ubuhanuzi kwasabaga, byaba ari ibijyanye n'amatariki cyangwa ibijyanye n'imiterere yayo. Bityo rero kuko atari ahagije, ntabwo yashyirwa mu bigibwaho impaka ngo abe ari yo agaragaza intangiriro y'ibyumweru 70. Ibyo tugomba gufatiraho icyemezo muri make biri hagati y'ibi bikurikira: mu mwaka w 457 M.K. umwami w'u Buperesi Aritazerusi Longimanus yatanze itegeko ryemereraga Ezira kuzamuka akajya i Yerusalemu ari kumwe n'abantu benshi bo mu bwoko bwe, abari bafite ubushake bwo kujyana na we bose. Iryo tegeko ryamwemereraga ubutunzi budafite umupaka, bwo kugira ngo arimbishe inzu y'Imana, kandi abone n'ibitambo byo mu murimo wayo, no gukora ikindi kintu cyose yari kubona ko kimubereye cyiza. Ryamuhaga ububasha bwo gushyiraho amategeko, gushyiraho abanyamategeko n'abacamanza, gushyira mu bikorwa ibihano ndetse birimo n'igihano cy'urupfu; mu yandi magambo, ni ukuvuga gusubizaho ishyamba ry'Abayuda, ibijyanye n'ubutegetsu bwa Leta ndetse n'iby'idini hakurikijwe amategeko y'Imana n'imigenzo ya kera y'ab'ubwo bwoko. Ibyahumetswe ni byo byifashishijwe kugira ngo iryo tegeko ryubahirizwe; kandi uko ibintu byagenze mu buryo bwuzuye ndetse butunganye tubisanga mu gitabo cya Ezira igice cya 7. Ntabwo iri tegeko ryanditswe mu Giheburayo nk'uko bimeze ku bindi biboneka mu gitabo cya Ezira, ahubwo ryanditswe mu rurimi rwakoreshwaga mu butegetsu bw'igihugu rw'Igikaludaya cyangwa se ururimi rw'Icyaramaya cyo mu Burasirazuba. Bityo rero, turarangirwa gusoma inyandiko y'umwimerere irimo imbaraga zaheshaga Ezira ubutware bwo gusana no kubaka Yerusalemu.

Nyuma y'imyaka cumi n'itanu, ni ukuvuga mu mwaka wa makumyabiri wo ku ngoma y'uwo mwami, mu mwaka wa 444 M.K., Nehemiya yashatse uburenganzira bwo kuzamuka ngo ajye i Yerusalemu kandi arabuhabwa (Nehemiya 2). Uburenganzira yarabuhawe nyamara nta kindi gihamya dufite kitwereka ko ubwo burenganzira bwari buenze kubyemererwa gusa mu magambo. Bwarebanaga na we ubwe, kubera ko nta kindi cyavuzwe cyerekeranye n'abandi bantu bari kuzamuka bakajyana na we. Umwami yamubajije uko urugendo yifuzaga kugenda rwareshyaga, n'igihe yari kuzagarukira. Yahawe inzandiko zo gushyikiriza abami bo hakurya y'uruzi kugira ngo bazamworohereze inzira abashe kugera i Yudaya, ndetse ahabwa n'itegeko ryo gushyikiriza umurinzi w'ishyamba ry'umwami kugira ngo azabahe ibiti byari bikenewe.

Igihe yari ageze i Yerusalemu, yasanze abatware, abatambyi abanyacyubahiro na rubanda rwose bari mu murimo bashishikariye kubaka Yerusalemu. (Nehemiya 2: 16). Ni byo koko bari bari gukora umurimo bakurikije itegeko ryari ryarahawe Ezira mu myaka cumi n'itatu yari ishize. Nehemiya amaze kugera i Yerusalemu, mu minsi 52 yari arangije gukora umurimo wari wamuzanye. (Nehemiya 6:15).

Mbese ni ubuhe muri ubu butumwa, bwaba ubwa Ezira cyangwa ubwa Nehemiya, bwafatwa nk'itegeko ryo gusana Yerusalemu, bityo tukavuga yuko ari yo ntangiriro twaheraho tubara ibyumweru 70? Byaba bigoye umuntu aramutse avuze ko hari ikibazo kiri muri ibi ngibi.

Turamutse dufashe ubutumwa bwahawe Nehemiya mu mwaka wa 444 M.K. ko ari bwo ntangiriro, amatariki yakoreshejwe muri icyo gihe cyose, ntabwo yaba atondetse neza; kubera yuko uherye icyo gihe, ibihe bimwe na bimwe byagiye bibonekamo ingorane mu gihe cyo gusubizaho imiharuro y'i Yerusalemu ndetse no kubaka inkike ku buryo bitatwaye ibyumweru birindwi gusa, cyangwa imyaka 49. Turamutse dufashe iyo tariki, ibyumweru 69 cyangwa imyaka 483, yagombaga kutujyana ikatugeza kuri Mesiya Umutware, yatujyana ikatugeza mu mwaka wa 40 N. K. Nyamara Yesu yabaturijwe na Yohana muri Yorodani, kandi ijwi rya Data wa twese ryumvikaniye mu ijuru rivuga ko ari Umwana We mu mwaka wa 27 N.K., imyaka 13 mbere y'uwo mwaka wundi.⁸² Ukurikije iyi mibare, hagati mu cyumweru cya 70, ari ho hagaragara ukubambwa, haba ari mu mwaka wa 44 N.K., nyamara kandi kubambwa kwabayeho mu mwaka wa 31 N.K., imyaka 13 mbere y'uko umwaka wa 44 ugera. Icyo nyuma, ibyumweru 70, cyangwa imyaka 490, uyibaze uherye ku mwaka wa 20 wo ku ngoma ya Aritazerusi, yatujyana ikatugeza mu mwaka wa 47 N.K., ahataboneka ikintu na mba kigaragaza iherezaho ryayo. Bityo rero, uwo uramutse ari wo mwaka, kandi guhabwa uburenganzira kwa Nehemiya kukaba ari cyo kintu kigaragaza itangiriro umuntu ashobora guheraho abara, ubuhanuzi bwaba bwarabayemo kwibeshya. Nk'uko biri, ikigaragara ni uko kuvuga ko ibyo byumweru 70 bitangirira mu guhabwa uburenganzira kwa Nehemiya mu mwaka wa 20 wo ku ngoma ya Aritazerusi kwaba ari ukwibeshya.

Bityo rero, biragaragara ko itegeko ryahawe Ezira mu mwaka wa karindwi wo ku ngoma ya Aritazerusi, mu mwaka wa 457 M.K., ari ryo ryerekana itangiriro ry'ibyumweru 70. Aho ni ho itegeko ryatangiriye mu buryo buhura n'ubuhanuzi. Ayo mategeko abiri yatanze mbere yabanzirizaga kandi agateguriza iri ngiri. Mu by'ukuri Ezira ayabona nk'umugabane w'iryo tegeko, maze yose uko ari atatu agahuriza hamwe akarema itegeko rimwe rikomeye. Kubera yuko muri Ezira 6:14 tuhasoma amagambo akurikira ngo: *"Nuko abakuru b'Abayuda barubaka, babibashishwa no guhanura kwa Hagayi umuhanuzi na Zekariya mwene Ido. Barayubaka iruzura nk'uko itegeko ry'Imana ya Isirayeli ryari riri, kandi*

⁸² See S. Bliss, *Analysis of Sacred Chronology*, pp. 180, 182; Karl Wieseler, *A Chronological Synopsis of the Four Gospels*, pp. 164-247.

no ku bw'itegeko rya Kuro na Dariyo, na Aritazeruzi umwami w'u Buperesi." Bizagaragara ko amategeko yatanze n'abo bami batatu avugwa nk'itegeko rimwe,—“nk'itegeko rya Kuro, na Dariyo na Aritazeruzi” byerekana yuko yafatwaga nk'itegeko rimwe, nyamara ayo mategeko atandukanye, yerekana intambwe umurimo wanyuzemo kugira ngo urangire. Iri tegeko ntirashoboraga kuvugwa ko “ryatanze” nk'uko byari bigamijwe n'ubuhanuzi, kugeza igihe uburenganzira bwa nyuma kwasabwaga n'ubuhanuzi bwari bumaze kwinjizwa mu itegeko, ndetse bukongerwamo n'ubutware butanzwe n'ubutegetsu. Iyi ngingo yagezweho mu burenganzira Ezira yahawe, nyambara mbere ntabwo ari ko byari bimeze. Hano iri tegeko ryari rikubiyemo ibyasabwaga n'ubuhanuzi byose ndetse n'ahantu byagombaga gusohorwa, kandi ku bw'ibyo, dushobora kuvuga yuko iyi ari yo tariki yo gutangwa kw'iri tegeko.

Ukutabusanya kw'Imigabane y'Igihe.—Mbese aya matariki azareka kubusanya nituramuka twemeze itegeko ryahawe Ezira? Nimutyo tubirebe. Italiki dutangiriraho ni umwaka wa 457 M.K. Imyaka 49 yagenewe kubaka umurwa no kubaka inkike. Kuri iyi ngingo, Prideaux aravugaga ati: “Mu mwaka wa cumi n'itanu wo ku ngoma ya Dariyo Nothus, ni bwo ibyumweru birindwi byo mu byumweru 70 by'ubuhanuzi bwa Daniyeli birangira. Kubera ko icyo gihe gusubizwa mu buryo kw'itorero ndetse n'ishyamba ry'Abayuda muri Yerusalemu ndetse n'i Yudaya byari birangiye rwose, muri cya gikorwa cy'ivugurura cyanditswe mu gice cya 13 cy'igitabo cya Nehemiya, uhaye ku murongo wa 23 ukageza ku iherezo ry'icyo gice, imyaka 49 iba ishize uhaye igihe iryo tegeko ryari ritangiye gushyirwa mu bikorwa na Ezira mu mwaka wa karindwi wo ku ngoma ya Aritazeruzi Longimanus.”⁸³ Icyo gihe hari mu mwaka wa 408 Mbere ya Kristo.

Kugeza ubu, turabona ibintu byuzuzanya nta kubusanya. Reka twongere dupimishe urubingo rugera rwa gihanuzi. Ibyumweru 69, (cyangwa imyaka 483), byagombaga kugenda bikagera kuri Mesiya Umutware. Iyo ubaze iyo myaka uhaye mu mwaka wa 457 M.K., iyo myaka iragenda ikatugeza mu mwaka wa 27 Nyuma ya Kristo. Mbese muri icyo gihe habaye iki?⁸⁴ Luka atubwira aya magambo: “**21** Nuko abantu bose babatijwe, na Yesu amaze kubatizwa, agisenga ijuru rirakinguka, **22** Umwuka Wera aramumanukira afite ishusho y'umubiri usa n'inuma, ijwi rivugira mu ijuru riti “Ni wowe Mwana wanjye nkunda nkakwishimira.” (Luka 3: 21, 22). Nyuma yaho, Yesu yatangiye “kubwiriza abantu ubutumwa bwiza bw'ubwami bw'Imana avugaga ati: “Igihe kirasohoye.” (Mariko 1: 14, 15). Igihe kivugwa ahangaha kigomba kuba ari igihe runaka kizwi, gisobanutse kandi cyavuzwe mbere; nyamara nta gihe cy'ubuhanuzi kindi dushobora kubona kirangira muri kiriya gihe uretse ibyumweru 69 byo mu buhanuzi bwa Daniyeli, byagombaga kugenda bikagera kuri Mesiya Umutware. Noneho Mesiya yari amaze kuza, kandi

⁸³ Humphrey Prideaux, *The Old and New Testament Connected in the History of the Jews*. Vol. I, p. 322.

⁸⁴ Hari inyandiko nyinshi zishimangira ko Kristo yabatijwe mu mwaka wa 27.N.K. Reba S. Bliss, *Sacred Chronology*, p. 180; *New International Encyclopedia*, art. “Jesus Christ,” Karl Wieseler, *Chronological Synopsis of the Four Gospels*, pp. 164-247. Abatunganyije Inyandiko

akoresheje ururimi rwe bwite, yatangaje ko icyo gihe kirangiye, ari cyo cyagombaga kwerekanwa no kwihishurira abantu kwe.⁸⁵

Hano na none, hari ukuzuzanya kutagishwa impaka. Nyamara na none wigiye imbere, Mesiya yagombaga kugirana isezerano na benshi mu gihe cy'icyumweru kimwe. Iki cyagombaga kuba icyumweru gisoza ibyumweru 70, cyangwa se imyaka irindwi iheruka imyaka 490. Ubuhanzu butubwira ko icyo cyumweru kigeze hagati, yajyaga guhagarika ibitambo n'amaturu. Iyi mihango y'Abayuda yatungaga urutoki ku rupfu rwa Kristo, byagombaga guhagararira ku musaraba. Aho ni ho byarangiriye, igihe umwenda ukingiriza ahera ho mu rusengero watabukagamo kabiri ubwo Kristo yabambwaga, nubwo ku bigaragara bakomeje iyo mihango kugeza ku gusenywa kwa Yerusalemu mu mwaka wa 70 N.K. Ubuhanzu buvuga yuko ibyumweru 62 nibishira, Mesiya yari gukurwaho kandi nta kintu yari kuba asigaranye. Ibyo ni kimwe n'uko bari kuba baranditse bati: nyuma y'ibyumweru 62, hagati mu cyumweru cya 70, Mesiya azakurwaho, maze atume ibitambo n'amaturu bihagarara. Noneho nk'uko hano ijamba *hagati* risobanura kimwe n'amagambo *hagati na hagati*, ukubambwa kubaho hagati mu cyumweru cya 70.

Italiki yo Kubambwa.—Noneho kugaragaza umwaka kubambwa kwabereyemo bihinduka ikintu cy'ingenzi. Ntabwo ari ibintu biteye amakenga kuvuga yuko Umukiza wacu yagiye ajya muri Pasika zose zabayeho mu gihe cy'umurimo we wo ku mugaragararo, kandi ibihe bine nk'ibyo byabanjirije ukubambwa ni byo bivugwa gusa. Ibyo bihe bivugwa mu masomo akurikira: Yohana 2:13; 5: 1; 6:4; 13:1. Pasika ya nyuma yavuzwe, yari yabambwe. Uhereye ku bimenyetso byamaze gutangwa, nimutyo turebe aho dushobora guherereza ukubambwa. Kubera ko Kristo yatangiye umurimo we mu gihe cy'umuhindo wo mu mwaka wa 27 N.K, Pasika ye ya mbere yari kuba mu gihe cy'Itumba mu mwaka ukurikiraho wa 28 N.K.; naho Pasika ye ya kabiri ikaba mu mwaka wa 29 N.K.; iya gatatu ikaba mu mwaka wa 30 N.K; noneho iya kane ari na yo ya nyuma ikaba mu mwaka wa 31 N.K. Ibi biduha imyaka itatu n'igice yamaze akora

85 Luka yavuze ko Yesu "yatangiye kwigisha amaze imyaka nka mirongo itatu avutse" (Luka 3:23); kandi nyuma yo kubatizwa yahise atangira umurimo we wo kwamamaza ubutumwa. None se ni gute umurimo we wari gutangira muri 27 A.D, kandi agakomeza kubafite imyaka y'ubukuru ivuzwe na Luka? Igisubizo cy'iki kibazo kiboneka mu kuba Kristo yaravutse hagati y'imyaka itatu cyangwa ine mbere yo gutangira kw'igihe cya Gikristo, bishatse kuvuga mbere y'umwaka wiswe uwa mbere Nyuma ya Kristo (1 A.D). Ikosa ryaturutse mu gushyira itangira ry'igihe cya Gikristo hasimbutswe imyaka itatu uhereye igihe Kristo yavukiye aho kubara cyo gihe bahereye igihe nyakuri yavukiye, nk'uko byagombaga kugenda. Kimwe mu bihe by'ingenzi cyane byo bihe bya kera cyabazwe bahereye ku iyubakwa ry'umurwa wa Roma - ab urbe condita-bivugwa mu mpine A.U.C; cyangwa ikaba A.C. Mu mwaka ubu ubarwa nk'umwaka wa 532 N.K, uwitwa Dionysius Exiguus, wari uwo mu bwoko bw'abantu bahora bimuka cyane, akaba yarabaye umuyobozi w'ikigo cy'abuhayimana b'Abaroma, waje kuba icyamamamare ku ngoma ya Justinian, ni we wahimbye imvugo ngo "Igihe cya Gikristo." Nk'uko bigaragazwa n'igihamba gikomeye atanga, yashyize ivuka rya Kristo muri 753 U.C. Nyamara Kristo yavutse mbere y'urupfu rwa Herode; kandi nyuma yaho byaje guhamywa hashingiwe ku gihamba cyumvikana neza ko urupfu rwa Herode rwabayeho muri Mata, 750 U.C. Duhaye amezi runaka ibyabayeho byanditswe ku buzima bwa Kristo mbere y'urupfu rwa Herode, dusanga ivuka rya Kristo rishyirwa mu mezi aheruka y'umwaka wa 749 U.C, igihe cy'imyaka itatu isagaho gato mbere y'uko habarwa umwaka wa 1 Nyuma ya Kristo. Bityo rero, muri 27 N.K, Kristo yari afite imyaka 30. ... Abatunganyije Inyandiko.

umurimo, ikaba ihura neza n'iby'ubuhanuzi buvuga ko yari gukurwaho hagati mu cyumweru cya 70. Kubera yuko icyo cyumweru kigizwe n'imyaka cyatangiye mu Muhindo wo mu mwaka wa 27 N.K., hagati mu cyumweru hari kugera nyuma y'imyaka itatu n'igice, mu muhindo wo mu mwaka wa 31, ari na cyo gihe kubambwa kwabereyemo. Dr. Hales asubira mu magambo yanditswe na Eusebius mu mwaka wa 300 N.K. mu buryo bukurikira agira ati: "Byanditswe mu mateka ko igihe cyose Umwami wacu yamaze abwiriza akanakora ibitangaza, kingana n'imyaka itatu n'igice, ari na yo ingana n'igice cy'icyumweru [icyumweru kigizwe n'imyaka]. Ibi ngibi Yohana w'umubwirizabutumwa azabimenyesha abantu bose baza kumva Ubutumwa bwe bafite umutima wo guhinyura."⁸⁶

Ku byerekeye umwijima udasanze wabaye mu gihe cyo kubambwa, Hales aravugaga atya ati: "Bigaragara ko umwijima wakwiriye mu gihugu cyose cya Yuda mu gihe cyo kubambwa k'Umwami wacu wari udasanze, uhariye ku isaha ya gatandatu ukageza ku isaha ya cyenda, cyangwa se guhera ku manywa ukageza ku isaha ya cyenda z'igicamunsi. Mu gihe wamaze, n'igihe wabereyeho na none, hafi igicamunsi cyose, ukwezi ntikwashoboraga gukingiriza izuba. Igihe uwo mwijima wabereye, n'icyo gikorwa ubwacyo, byanditswe mu nteruro ziteye amatsiko ndetse zifite agaciro zandikwa n'umutegetsi ukomeye cyane w'Umuroma witwaga Aurelius Cassiodorus Senator, ahagana mu mwaka wa 514 N.K. "Mu gihe cy'ubutegetsi bwa Tiberius Kayizari Augusto V na Aelius Sejanus (U.C. 784, 31 N.K., Umwami wacu Yesu Kristo yarababajwe, ku italiki ya 8 Mata hakoreshejwe ingengabihe (ubwo ni ku ya 25 Werurwe ku ngengabihe dukoresha muri iki gihe) igihe habagaho ubwirakabiri mu buryo burenze ubwari bwariyeze kubaho mbere hose kugeza icyo gihe."

"Uyu mwaka ndetse n'uyu munsi byemeranywaho n'aba bakurikira: Inama Nkuru y'i Kayisariya yateranye mu mwaka wa 196 cyangwa 198, uruhererekane rw'abami ba Alegizandriya, Maximus Monachus, Nicephorus Constantinus, Cedrenus. Na none uyu mwaka wemerwaga n'abangabana nubwo umunsi unyuranye n'uwa mbere: Concur Eusebius na Epiphanius, wakurikiye na Kepler, Bucher, Patinus na Petavius, bamwe bemera ko hari ku italiki ya 10 y'ukwezi kwa Mata hakoreshejwe ingengabihe yitwaga Calends, abandi bakavugaga ko ari ku italiki ya 13." (Reba amagambo yakoreshejwe basobanura Daniyeli 11:22).⁸⁷

Hano tuhafite abanditsi bafitiye icyizere cumi na batatu bavugaga yuko ukubambwa kwa Kristo kwabayeho mu gihe cy'itumba ryo mu mwaka wa 31. Bityo rero, dushobora kwemeza iki gihe nk'italiki ndakuka. Kubera ko iyi taliki iri hagati mu cyumweru cya nyuma, dusubiye inyuma ho imyaka itatu n'igice twabona aho ibyumweru 69 birangirira, twaramuka tugiye imbere ho imyaka itatu n'igice, tukaba tugeze aho icyumweru cya 70 gisoreza. Nuko rero, iyo dusubiye inyumaho imyaka itatu duherereye ku

⁸⁶ William Hales, *A New Analysis of Chronology*, Vol. I, p. 94.

⁸⁷ *Ibid.*, pp. 69, 70.

kubambwa kwabayeho mu gihe cy'Itumba ryo mu mwaka wa 31 N.K., duhita tugera mu gihe cy'Umuhindo wo mu mwaka wa 27 N.K., kandi nk'uko twabibonye, icyo ni cyo gihe ni bwo ibyumweru 69 biba birangiye, akaba ari na bwo Kristo yatangiye umurimo we ku mugaragaro muri rubanda. Uhereye ku kubambwa ukagana imbere ho imyaka itatu n'igice, duhita tugera mu gihe cy'umuhindo wo mu mwaka wa 34 N.K., nk'umusoza ukomeye w'igihe cyose cy'ibyumweru 70. Uwo mwaka wamenyekanye nk'igihe Sitefano yareganyijwemo, akaba ari igihe Urukiko Rukuru rw'Abayuda rwanze ku mugaragaro ubutumwa bwiza bwa Kristo binyuze mu kurenganya abigishwa, bityo intumwa zigahindukirira Abanyamahanga. Ibyo ni byo bintu umuntu yashoboraga kwitega ko bibaho ubwo igihe cyavuzwe ko cyari cyakuweho kikagenerwa Abayuda nk'ubwoko bw'umwihariko cyari kuba kirangiye.

Uhereye ku bihamya byatanzwe haruguru, tubona yuko hariho ukuzuzanya iyo dufashe ko ibyumweru 70 bitangirira ku itegeko ryahawe Ezira mu mwaka wa karindwi wo ku ngoma ya Aritazerusi, muri 457 M.K. Ibihe bihamye kandi by'ingenzi byo kwigaragaza kwa Mesiya igihe yabatizwaga, ari ryo tangiriro ry'umurimo we muri rubanda ku mugaragaro, ukubambwa kwe, no kwanga ubutumwa bwiza kw'Abayuda maze ubutumwa bukerekera mu Banyamahanga, bikajyana no gutangazwa kw'isezerano rishya—byose biza mu mwanya wabyo neza, bihamya ubuhanuzi ndetse bikerekana ko ari ubw'ukuri.

Iherezo ry'Iminsi 2300.—Ibyerekeye ibyumweru 70 ubu turabirangiye; nyamara haracyasigaye ikindi gihe kirushijeho kuba kirekire, ndetse n'ibindi bintu bikwiriye kwitabwaho. Ibumweru 70 ni imyaka 490 gusa ibanza y'igihe kingana n'imyaka 2300. Fata imyaka 490 uyikure ku myaka 2300, harasigara 1810. Imyaka 490, nk'uko twabibonye, yarangiye mu muhindo wo mu mwaka wa 34 N.K. Kuri uwo mwaka nitwongeraho imyaka isigaye 1810, tuzabona iherezo ry'icyo gihe uko cyakabaye. Nuko rero nidufata umwaka wa 34, mu gihe cy'umuhindo, tukongeraho imyaka 1810, biratujyana bitugeze mu mu muhindo wo mu mwaka wa 1844. Bityo twihuse kandi mu buryo bw'ukuri, tubona iherezo ry'iminsi 2300, mu gihe turaba twabanje gukuraho ibyumweru 70 bikajya mu mwanya wabyo.

Ni Ukubera Iki Ari mu Mwaka wa 1844?—Ikibazo gishobora kuvuka hano cy'uburyo iminsi ishobora kugenda ikagera mu muhindo wo mu mwaka wa 1844 niba icyo gihe cyaratangiye mu mwaka wa 457 M. K., mu gihe bisaba gusa gufata imyaka 1843 ukayongera ku myaka 457 ukabona umubare 2300. Kwita ku gihamba kimwe bibasha gukuraho ingorane zose zajyaga kuboneka kuri iyi ngingo: bisaba gufata imyaka yose 457 ya mbere ya Kristo, ukayongera ku myaka yose 1843 ya nyuma ya Kristo kugira ngo bihure n'imyaka 2300; kugira ngo niba icyo gihe cyaratangiranye n'uminsi wa mbere wo mu mwaka wa 457, icyo gihe nticyashobora kurangirana n'uminsi wa nyuma w'umwaka wa 1943. Noneho bizagaragarira bese yuko niba hari umugabane runaka w'umwaka wa 457 waburiyemo mbere y'uko iminsi 2300 itangira, ni ko umugabane munini w'umwaka wa 1844 ugomba

kuburizwamo mbere yuko iyo myaka irangira. Bityo rero turibaza tuti: Ni mu kuhe kwezi ko mu mwaka wa 457 dushobora gutangiriraho tubara? Duhereye k'uko imyaka 49 yari igenewe *kubaka* imiharuro no kuzamura inkike, tubona yuko italiki yo gutangira kw'icyo gihe ishobora kumenyekana, tudahereye igihe itegeko ryaherewe Ezira ari i Babuloni, ahubwo duhereye ku itangira nyirizina ry'umurimo wakorerwaga i Yerusalemu. Byaba bigoye kuvuga yuko iki gikorwa cyatangiye mbere y'ukwezi kwa karindwi kw'Abayuda (mu muhindo) k'umwaka wa 457 kubera ko yari ataragera i Yerusalemu kugeza mu kwezi kwa gatanu k'uwo mwaka. (Ezira 7:9). Icyo gihe cyose uko cyakabaye cyagenda kikagera mu kwezi kwa karindwi, mu muhindo, hakoreshejwe igihe cy'Abayuda, mu mwaka wa 1844.

Itangazo rikomeye ryatanzwe na marayika arimenyesha Daniyeli rivuga ngo: "Bizageza iminsi ibihumbi bibiri maganatatu uko bukeye bukira, nyuma ubuturo buzabone kwezwa," noneho hano rirasobanutse. Gushaka kumenya kwacu iby'ubusobanuro bw'ubuturo no kwezwa kwabwo, no guhuza ibivugwa n'igihe byabereyemo, ntabwo twabonye gusa ko iyi nsanganyamatsiko ishobora kumvikana mu buryo bworoshye, ahubwo noneho ubu icyo gikorwa kirimo kirasohora. Aha turahahagarara gatoya, kugira ngo dutekereze ku mwanya ukomeye tugejwemo.

Twamaze kubona yuko ubuturo bwo mu gihe cy'ubukristo ari ihema ryo mu ijuru, inzu itarubatswe n'intoki z'abantu, aho Umwami wacu akorera umurimo abanyabyaha bihana, aho "inama y'amahoro mu murimo wo gukiza abanyabyaha barimbuka ibera hagati y'Imana Ikomeye n'Umwana wayo Yesu Kristo. (Zekariya 6:13; Zaburi 85:10). Twabonye yuko umurimo wo kweza ubuturo ari ugukura ibyaha muri bwo, kandi ko ari igikorwa giheruka indi mirimo yose iba yarabukorewemo; tubona kandi ko umurimo w'agakiza muri iki gihe wibanda mu buturo bwo mu ijuru; kandi ko igihe ubuturo buzaba bumaze kwezwa, umurimo uzaba urangiye. Ubwo ni bwo inama ikomeye y'agakiza yateguwe igihe umuntu yagwaga izaba igeze ku musozo. Ntabwo imbabazi zizaba zikingingira umunyabyaha, kandi ijwi rikomeye rizumvikanira ku ntebe ya cyami y'Imana iri mu rusengero rwo mu ijuru rivuga riti: "Birarangiye." (Ibyahishuwe 16: 17). Mbese ni iki kizakurikiraho? Abakiranutsi bose bazaba bafite impano y'ubugingo buhoraho; abanyabyaha bose bazaba baciriweho iteka ry'urupfu rw'iteka ryose. Ikirenze ibyo byose, nta cyemezo kizaba kicyongeye guhinduka, nta ngororano yatanzwe izaba ishobora kuzimira, kandi kubura ibyiringiro nako ntikuzaba kubasha guhinduka.

Isaha Ikomeye y'Urubanza.—Twabonye yuko (kandi ibi ni byo bituma urubanza rukomeye ruba rurushijeho kutwegera) cya gihe kirekire cya gihanuzi, ari na cyo cyagombaga kwerekana itangiriro ry'uyu murimo uheruka ukorerwa mu buturo bwo mu ijuru, cyageze ku musozo wacyo. Mu mwaka wa 1844, iyo minsi yararangiye. Guhera icyo gihe umurimo uheruka ukorwa kubw'agakiza k'umuntu wakomeje gukorwa. Uyu murimo ukubiyemo gusuzuma imico ya buri muntu, kubera yuko ujyanye no kubabarirwa ibyaha kw'abazaba barasanzwe ko bakwiriye kubibabarirwa,

kandi ukaba wemeza abasinziriye bazazukira ubugingo abo ari bo. Uwo murimo na none wemeza abazahindurwa mu bazaba bakiri bazima ubwo Umwami azaba agarutse, n'abazahura n'ingaruka zishishana z'urupfu rwa kabiri bo mu ruhande rw'abazaba bakiri bazima ndetse n'abazaba barapfuye. Abantu bose bashobora kubona yuko icyemezo nk'iki kigomba gufatwa mbere y'uho Umwami atunguka [ku bicu].

Iherezo rya buri muntu wese rigomba kwemezwa n'ibikorwa yakoze akiri muri uyu mubiri, kandi buri wese agomba kugororerwa hashingiwe ku mirimo ye. (2Abakorinto 5:10; Ibyahishuwe 22:12). Mu bitabo byandikwamo bibitswe n'abanditsi bo mu ijuru hejuru iyo, hazabonekamo imirimo ya buri muntu. (Ibyahishuwe 20:12). Mu gihe cyo kurangiza umurimo wo mu buturo, ibi bitabo birasuzumwa, hanyuma imyanzuro igafatwa hashingiwe ku byanditswe muri byo. (Daniyeli 7:9, 10). Byaba ari ikintu gisanzwe gutekereza yuko umurimo wagomabaga gutangirira ku bantu babayeho bwa mbere, ko ibyabo ari byo byagombaga gusuzumwa mbere, hanyuma ibyemezo bigafatwa, nuko bigakomereza bityo ku bapfuye bose, uko ibisekuru byagiye bihereza ibindi, n'uko abantu bagiye basimburana, kugeza ku gisekuru giheruka—ari cyo gisekuru cy'abakiri bazima, ari na bo urubanza ruzasorezaho imirimo yarwo.

Nta muntu ushobora kumenya igihe imanza z'abapfuye bose zizaba zimaze gusuzumwa, kandi imanza z'abakiriho zikaba ari zo zigezweho. Nyamara uherye mu mwaka wa 1844, uyu murimo ukomeye wakomeje gukorwa. Umucyo ugaragarira mu byari igicucu cy'ibizaza, ndetse n'imiterere y'uwo murimo ubwawo, ntabwo byemera yuko wari ukwiriye gukomeza igihe kirekire cyane. Mu mayerekwa ye akomeye y'ibyabereye mu ijuru, Yohana yabonye miliyoni nyinshi z'abakoreraga Umwami kandi bakamufasha mu murimo akora nk'umutambyi (Ibyahishuwe 5). Bityo rero, umurimo wakomeje gukorwa. Ntabwo wigera uhagarara, kandi ugomba kurangira bidatinze.

Aha ni ho duhagaze, turi mu gihe cya nyuma, igihe gikomeye kurusha ibindi, kandi kikaba igihe cy'ingenzi mu mateka y'inyokomuntu, ndetse kikaba ari igihe kitwegereye. Inama y'agakiza irenda kugera ku musozo. Imyaka y'igiciro gikomeye yo kwemererwamo irenda kurangira. Umwami agiye kuza gukiza abamwiteguye kandi bamutegereje, no gukuraho abatagira icyo bitaho kandi ntibizere. Iyi si—ahaa! Mbese ni ki twayivugaho? Yayobeye mu kinyoma, abayiriho bataye umutwe kubera inshingano n'imirimo bayikorera, batwawe n'ibinezeza, bagushwa ikinya n'ibibi, abayituye ntibashobora gufata akanya ngo batege amatwi ukuri gukomeye, cyangwa se ngo batekereze ku bibafitiye inyungu z'iteka. Nimutyo abantu b'Imana, bahunze kwangirika kwazanywe mu isi n'irari bahanze amaso iby'iteka ryose, kandi babashe kwitegura kunyura mu igenzura ribasuzuma, igihe ibyabo bizaba bigezweho kugira ngo bisuzumirwe mu rukiko rukomeye rwo mu ijuru. Nibakorane umwete n'ubushishozi mu murimo wo kuburira abanyabyaha ibyerekeye umujinya ugiye gutera, kandi babereke Umukiza ubakunda kandi ubasabira.

Umwigishwa w'ubuhanuzi wese, turamusaba guhugukira kwiga abiyitayeho insanganyamatsiko y'ubuturo n'umurimo wabukorerwagamo. Mu buturo tuhabona isanduku y'Isezerano ry'Imana irimo amategeko yayo yera. Iri [sezerano] ridusaba kugira ivugurura mu bijyanye no kumvira kwacu kugomba kugera ku mico mbonera yo ku rwego rwo hejuru. Ku muryango w'urusengero rwo mu ijuru, cyangwa se aho umurimo utangirira mu mugabane wa kabiri w'inyubako, hagaragaza itangiriro ry'ijwi ry'impanda ya marayika wa karindwi. (Ibyahishuwe 11: 15, 19). Umurimo ukorerwa aho, ni urufatiro rw'ubutumwa bwa marayika wa gatatu buboneka mu gitabo cy'Ibyahishuwe 14,—ari bwo butumwa buheruka bw'imbabazi mu isi y'abarimbuka. Iyi nsanganyamatsiko y'ubuturo ituma habaho ukuzuzanya mu gusohora k'ubuhanuzi, bityo ibitajyaga kumenyekana mu bundi buryo bikarushaho kumvikana. Iyi nsanganyamatsiko yerekana neza umwanya n'umurimo w'Umutambyi Mukuru, kandi igashyira ahagaragara inama y'agakiza mu buryo busobanutse kandi bwiza. Yerekana neza ukuri k'urubanza kurenza uko indi nsanganyamatsiko iyo ari yo yose yabikora, ndetse ikagaragaza umwiteguro dukwiriye kugira ngo tuzashobore guhagarara tudatsinzwe ku munsu ugiye kuzabaho. Itwereka yuko turi mu gihe cyo gutegereza, kandi igatuma tuba maso, kubera yuko tutazi ubugufi bw'igihe gisigaye ngo umurimo urangire, ndetse ngo Umwami wacu agaruke.

Nyuma yo kuvuga ibintu bikomeye bifitanye isano n'umurimo w'Umwami wacu hano ku isi, mu mugabane uheruka wo muri Daniyeli 9: 27, umuhanuzi avuga ibyo kurimbuka kwegereje kwa Yerusalemu irimbuwe n'ubutegetsi bw'Abaroma; ndetse bwa nyuma hakabaho kurimbuka k'ubwo butegetsi ubwabwo, ari bwo bwiswe "umurimbuzi."

IGICE CYA 10

IMANA IGIRA URUHARE MU MIRIMO IKORERWA MU ISI

DANIYELI 10

UMURONGO WA 1 Mu mwaka wa gatatu wo ku ngoma ya Kūro umwami w'i Buperesi, Daniyeli wahimbwe Beluteshazari hariho icyo yeretswe kandi cyari icy'ukuri, ari cyo ntambara zikomeye.⁸⁸ Amenya icyo ari cyo, ibyo yeretswe biramusobanukira.

Uyu murongo utangira iyerekwa ryahawe umuhanuzi Daniyeli ku nshuro ya nyuma, ibyo yabwirwaga icyo gihe ni byo bikomereza mu gice cya 11 n'igice cya 12. Bitekerezwa ko Daniyeli yaba yarapfuye nyuma yaho gato, kandi dukurikije ibyo Prideaux yanditse, ntabwo yapfuye ari munsu y'inyaka 90 y'ubukuru.

UMURONGO WA 2 Muri icyo minsi, jye Daniyeli namaze ibyumweru bitatu ndira. 3 Nta mutsima naryaga nubwo ari mwiza, nta nyama cyangwa vino, nta cyo nasamiraga kandi sinihezuraga kugeza aho ibyo byumweru uko ari bitatu byose bishiriye.

Agahinda ka Daniyeli.—Amagambo yongerwaho ngo «ibyumweru bitatu byose» asobanura ibyumweru bigizwe n'iminshi [isanzwe], akoresheya ahangaha kugira ngo iki gihe gitandukanywe n'ibyumweru bigizwe n'inyaka byabonetse mu gice kibanza.

Mbese ni mpamvu ki yateye uyu mugaragu w'Imana wari ugeze mu zabukuru kwicisha bugufi akibabaza umutima? Birumvikana ko yabitewe no gushaka gusobanukirwa mu buryo bwuzuye umugambi w'Imana ku

⁸⁸ Cyangwa ibyago by'ibihe birebire.

byerekeye n'ibintu byagombaga kuba ku itorero ry'Imana. Intumwa yari iturutse ku Mana yari yoherejwe kugira ngo imwigishe yaravuze iti: "uhereye ku munsu watangiriyeho gushishikarira *gusobanukirwa*," (Umurongo wa 12). icyo gihe hari hakiri ikintu Daniyeli yari atarasobanukirwa. Mbese icyo kintu cyari ikihe? Nta gushidikanya icyo kintu cyari umugabane umwe w'iyerekwa ryari ryabanje riri mu gice cya 9, kandi ni ryo ryari ryagaragaye mu gice cya 8, kuko ari ryo yaherewe ubusobanuro mu gice cya 9. Nk'ingaruka y'uko kwinginga kwe, noneho yongereweho ubusobanuro burushijeho kwimbika bukubiyemo imirongo mikuru y'amayerekwa yari yarabanjirije iryo.

Uku kwibabaza k'umuhanuzi gutekerezwa ko kwaherekejwe no kwiyiriza ubusa, bitari ukwibuza kurya buri kintu cyose, ahubwo yashoboraga kurya iryo yoroheje cyane. Ntabwo yaryaga umugati ushimishije, ntiyafataga ibiryo biteguye neza cyane cyangwa ibyo kurya bya gikire. Ntiyakoreshega inyama cyangwa vino; ndetse ntiyisigaga amavuta mu mutwe, icyo kikaba cyari ikimenyetso ku Bayuda kigaragaza inyuma ko umuntu yiyirije ubusa. Ntabwo igihe yari kumara yiyiriza ubusa tuzi uko kingana iyo ataza kuba yarahawe igisubizo cy'isengesho rye, icyakora kuba yaramaze ibyumweru bitatu byose asenga, byerekana ko atari umuntu ushobora kurekeraho kwinginga kwe kugeza igihe aherewe icyo asaba.

UMURONGO WA 4 Ariko ku munsu wa makumyabiri n'ine w'ukwezi kwa mbere, nari ku nkombe y'uruzi runini rwitwa Hidekelu. 5 Nuko ntereye amaso mbona umugabo wambaye umwenda w'igitare, yari akenyeje izahabu nziza yacukuwe Ufazi. 6 Kandi umubiri we wasaga na yasipi, mu maso he hasaga n'umurabyo, amaso ye yasaga n'amatabaza yaka umuriro, amaboko ye n'ibirenge bye byasaga n'imiringa isenwe, kandi ijwi ry'amagambo ye ryari rimeze nk'iry'abantu benshi. 7 Ni jye Daniyeli gusa wabonye ibyo neretswe ibyo, ariko abantu twari kumwe ntibarakabibona, ahubwo bahinze umushyitsi cyane barahunga, barihisha. 8 Nuko nsigara aho jyeneyine mbona ibyo byerekanywe bikomeye, sinasigarana intege kuko ubwiza bwanjye bwampindukiyemo ububore ndatentebuka. 9 Ariko numvaga ijwi ry'amagambo ye, nkiryumva ngwa nubanye ndarabirana nk'usinziriye. 10 Nuko haza ukuboko kunkoraho, kurambyutsa kumpfukamisha amavi n'ibiganza.

Ijambo Hidekelu mu rurimi rw'Ikinyaramaya rikoreshwa bashaka kuvuga umugezi wa Ufurati; mu Kigiriki, mu rurimi rw'Icyarabu n'ururimi rwakoreshezwaga na rubanda muri rusange bakaba barakoreshega izina Tigrisi; bityo rero, bamwe banzura bavuga yuko umuhanuzi yahawe iri yerekwa ari mu kigobe cy'u Buperesi.

Ikiremwa gifite imbaraga zikomeye gusumba ibindi cyasuye Daniyeli muri uriya mwanya. Uko icyo kiremwa gisobanurwa ni nk'uko Kristo yasobanuwe mu gitabo cy'Ibyahishuwe 1:14-16. Kandi na none kubera ko ingaruka zageze kuri Daniyeli zimeze nk'izageze kuri Pawulo n'abo bari kumwe igihe Umwami yamubonekeraga ari mu nzira ijya i Damasiko

(Ibyakozwe n'Intumwa 9:1-7), twanzura tuvuga yuko Kristo ubwe ari we wabonekeye Daniyeli. Mu murongo wa 13 ko Mikayile yari yaje kunganira Gaburiyeli kugira ngo babashe kwemeza umwami w'umuperesi. Mbese ni mu buhe buryo bw'umwimerere yari akwiriye kwiyerekamo Daniyeli muri uriya mwanya?

UMURONGO WA 10 Nuko haza ukuboko kunkoraho, kurambyutsa kumpfukamisha amavi n'ibiganza. 11 Arambwira ati "Yewe Daniyeli mugabo ukundwa cyane, umva amagambo ngiye kukubwira, haguruka weme kuko uyu munsu ngutumweho." Amaze kumbwira iryo jambo ndahaguruka, mpagarara ntengurwa. 12 Aherako arambwira ati "Witinya Daniyeli, kuko uhaye ku munsu watangiriyeho gushishikarira gusobanukirwa no kwicisha bugufi imbere y'Imana yawe, amagambo yawe yarumviswe kandi ni yo anzanye

Gaburiyeli Atera Daniyeli Umwete.—Nyuma yuko Daniyeli aguye imbere y'icyubahiro gikomeye cya Kristo, marayika Gaburiyeli, binagaragara ko ari we uvuye mu murongo wa 11—13, yamurambitseho ikiganza kugira ngo amuhumurize kandi amutere ubutwari. Yabwiye Daniyeli ko ari umuntu ukundwa cyane. Mbega amagambo y'agatangaza! Umuntu wo mu muryango w'abantu, umuntu w'ubwoko bumwe natwe, ukundwa, bitari mu buryo rusange bwa bundi Imana yakunzemo abari mu isi igatanga Umwana wayo ngo apfira ikiremamuntu, ahubwo yari akunzwe nk'umuntu ku giti cyane, kandi akunzwe cyane! Umuhanuzi agomba kuba yarakomejwe n'ayo magambo bitangaje! Arongerera akamubwira yuko azanywe no kunganira na we, kandi ko yifuza kumufasha gusobanukirwa n'amagambo ye. Amaze gukomezwa atyo, umuhanuzi wera kandi ukundwa yahagaze imbere ya marayika ahinda umushyitsi.

Gaburiyeli yarakomeje ati: "Witinya, Daniyeli." Ntiyagombaga kugira umuntu n'umwe atinya, bona ndetse n'intumwa yo mu ijuru yari yamutumweho kuko akunzwe cyane, ikaba yari yaje ari igisubizo cy'isengesho yari yasenganyeye umwete. Ni ko n'abantu b'Imana bo mu bihe ibyo ari byo byose batagomba kwemerera ubwoba kubashyira mu bubata bwaterwa n'uko batumweho intumwa zije kubakorera ku bw'agakiza kabo. Nyamara hariho inyifato ikunze kugaragara mu bantu benshi cyane bakunze gutekereza Yesu n'abamarayika be nk'intavumera zishinzwe gushyira mu bikorwa by'ubutabera aho kugira ngo babe intumwa zikorana umwete kugira ngo babone agakiza. Marayika aramutse yigaragaje imbere yabo afite umubiri, bagira ubwoba bwinshi cyane, kandi igitekerezo cy'uko Kristo agiye kugaruka bidatinze kibahagarika umutima kandi kikabatera ubwoba. Abantu nk'abo turabagira inama yo kugira urukundo rurushijeho gutungana, ari na rwo rwirukana ubwoba bwose.

UMURONGO WA 13 Ariko umutware w'ibwami bw'u Buperesi amara iminsi makumyabiri n'umwe ambuza. Nyuma Mikayeli, umwe wo mu batware bakomeye aza kuntabara, ntinda mu bami b'u Buperesi.

Gaburiyeli Yatindijwe n'Umwami w'u Buperesi.—Mbega ukuntu inshuro nyinshi amasengesho y'abantu b'Imana yumvikana nyamara ntihagire igisubizo kigaragara! Ni ko byagenze no kuri Daniyeli. Marayika yamubwiye ko uhereye ku munsu wa mbere agitangira gushishikarira gusobanukirwa, amagambo ye yumviswe. Nyamara Daniyeli yakomeje kubabaza umutima we binyuze mu kwiyiriza ubusa, ndetse no gukomeza gukirana n'Imana ibyumweru bitatu byose atazi yuko hari ikigeze gikorwa ku isengesho rye. Ariko se ni iyihe mpamvu y'uku gutinda? Umwami w'u Buperesi yarwanyije marayika. Igisubizo cy'isengesho rya Daniyeli ryari rikubiyemo igikorwa runaka cyakorewe uwo mwami. Ahatirwa gukora icyo gikorwa. Nta gushidikanya cyarebanaga n'umurimo yagombaga gukora, kandi yari yatangiye kuwukora, awukorera urusengeru rw'i Yerusalemu ndetse n'Abayuda, itegeko yatanze ryo kubaka urwo rusengeru ni ryo ryabaye irya mbere mu rukurikirane rwaje kubara itegeko rikomeye ryo gusana no kubaka Yerusalemu, aho igihe cyo gutangwa kwaryo ari cyo cyagaragaje itangiriro ry'igihe gikomeye cya gihanuzi cy'iminsi 2300. Marayika yaratumwe ngo ajye kumwemeza gukomeza uwo murimo hakurikijwe ubushake bw'Imana.

Mbega uburyo tubona ku rwego ruto cyane ibibera mu isi y'ibitagaragarira amaso byerekeranye n'imirimo ikorwa n'abantu! Hano umwenda ukingiriza uvanwaho by'akanya gato, maze tukamama akajisho ku bihabera. Daniyeli arasenga. Umuremyi w'isi n'ijuru akumva. Itegeko rigahabwa Gaburiyeli ngo aze amutabare. Nyamara umwami w'u Buperesi agomba kugira icyo akora kugira ngo isengesho rya Daniyeli risubizwe, nuko marayika akihuta cyane ajya ku mwami w'u Buperesi. Nta gushidikanya Satani akoresha imbaraga ze ngo arwanye uwo mugambi. Bahurira mu rugo rw'ibwami mu Buperesi. Impamvu zose zishingiye ku nyungu zo kwikunda n'imigambi y'ab'isi Satani ashobora kumushyira imbere, nta gushidikanya yarayizanye kugira ngo akoreshe ubwo buryo yemeza umwami kutumvira ubushake bw'Imana, mu gihe Gaburiyeli na we yakoraga kugira ngo amwemeze ibyo mu kindi cyerekezo. Umwami yarwanye intambara hagati y'ibyo bitekerezo byari bihanganiye muri we. Yarashidikanyije; aratinda. Iminsi yarahise indi irataha, nyamara Daniyeli we yarakomeje arasenga. Umwami yarakomeje yanga kumvira imbaraga za marayika. Ibyumweru bitatu birashira, noneho haza urusha marayika Gaburiyeli imbaraga aza kumufasha umurimo mu rugo rw'ibwami, maze nyuma yaho baza kuri Daniyeli kugira ngo bamumenyeshe aho igikorwa kigeze. Gaburiyeli yaravuze ati: "Guhera ku munsu wa mbere watangiriyeho kwinginga, isengesho ryawe ryarumviswe; nyamara mu gihe cy'ibyumweru bitatu umaze ushishikariye gusenga no kwiyiriza ubusa, umwami w'u Buperesi yakomeje kwanga kumvira imbaraga zanjye maze ambuza atyo kuza."

Icyo ni cyo usenga bikora. Ntabwo Imana yigeze ishyira urusika hagati yayo n'abantu bayo uhereye mu gihe cya Daniyeli. Biracyari amahirwe yabo gusenga bashyizeho umwete kandi isengesho ryabo rikazana impinduka nk'uko byari bimeze kuri we, kandi nk'uko byagenze kuri Yakobo, bashobora kugira imbaraga igihe bakirana n'Imana kandi bakanesha.

Mbese hano Mikayile waje gufasha Gaburiyeli yari nde? Iri zina risobanura ngo «Umeze nk'Imana,» kandi Ibyanditswe Byera bitwereka neza ko Kristo ari we witwa iri zina. Mu rwandiko rwa Yuda umurongo wa 9, avuga ko Mikayile ari umutware w'abamarayika. Iri jambo risobanura «umutware, cyangwa umuyobozi, cyangwa umumarayika,» kandi muri uyu murongo wacu, Gaburiyeli amwita umwe mu bikomangoma [mu busobanuro bw'inyongera yitwa *uwa mbere*] Hashobora kubaho umutware mukuru w'abamarayika umwe gusa, kandi kubw'ibyo, bigaragara ko byaba atari byo gukoresha iri jambo mu bwinshi nk'uko bamwe babikora. Ibyanditswe Byera nta na rimwe bijya birikoresha bityo. Mu rwandiko rwa mbere rw'Abatesalonike 4:16, Pawulo avuga ko igihe Umwami azaba agarutse kuzura abapfuye, ijwi rya marayika ukomeye rizumvikana. Mbese ijwi rizumvikana ni irya nde ubwo abapfuye bazazurwa?—Ni ijwi ry'Umwana w'Imana. (Yohana 5:28). Iyo uhuriye hamwe ibi byanditswe, bihamya yuko abapfuye bahamagarwa n'Umwana w'Imana ngo bave mu bituro byabo, kandi ko iryo jwi ryumvikana icyo gihe ari ijwi rya marayika ukomeye, bikaba bishimangira ko marayika ukomeye ari Umwana w'Imana, kandi ko marayika ukomeye yitwa Mikayile. Ibyo byose bikaba bisobanuye ko Mikayile ari Umwana w'Imana. Mu murongo usoza igice cya 10 cya Daniyeli, yitwa ngo «Umutware wanyu,» kandi mu murongo wa mbere w'igitabo cya Daniyeli 12 hakavugaga ngo «wa mutware ukomeye ujya ahagarikira abantu bawe,» kandi aya magambo nta kindi kiremwa yavugwaho uretse Kristo.

UMURONGO WA 14 Nuko none nzanywe no kugusobanurira ibizaba ku bantu bawe mu minsi y'imperuka, kuko ibyo weretswe ari iby'igihe gishyize kera.”

Amagambo ngo “ibyo weretswe ni iby'igihe gishyize kera” aragenda agakora mu gihe kirekire cy'ahazaza, agakubira hamwe n'ibyajyaga kuba ku bwoko bw'Imana mu minsi ya nyuma, bikaba byerekana ko iminsi 2300 yatanze mu iyerekwa idashobora gusobanura iminsi isanzwe, ahubwo ko igomba kuba ari iminsi isobanura imyaka. (Reba ubusobanuro bwatanze kuri Daniyeli 9:25-27).

UMURONGO WA 15 Amaze kumbwira ayo magambo, ncurika umutwe ndumirwa. 16 Maze haza uwasaga n'umwana w'umuntu akora ku munwa wanjye, mperako mbumbura akanwa kanjye ndavuga, mbwira uwari umpagaze imbere nti “Databuja, ibyo neretswe ko byatumye imibabaro yanjye ingarukamo nkabura intege, 17 mbese nkanjye umugaragu wawe nabasha nte kuvugana na databuja, ko nta ntege ngifite kandi ntahumeka neza?”

Kimwe mu bintu byaranze Daniyeli cyane, ni uburyo yingingiraga ubwoko bwe yicishije bugufi. Amaze gusobanukirwa n'uko ibyerekanywe byavugaga ibyo gutotezwa no kubabazwa kw'itorero kuzamara igihe kirekire, yakozweho n'iryo yerekwa ku buryo imbaraga ze zamushizemo,

arekeraho guhumeka, ndetse ntiyaba agifite n'imbaraga zo kuvuga. Nta gushidikanya iyerekwa riboneka ku murongo wa 16, rirengurira ku iyerekwa ryari ryabanje ryo muri Daniyeli 8.

UMURONGO WA 18 Uwasaga n'umuntu arongera ankoraho, arankomeza. 19 Arambwira ati "Yewe mugabo ukundwa cyane, witinya, amahoro abe muri wowe. Komera, koko komera." Tukivugana mperako ndakomezwa ndavuga nti "Databuja vuga, kuko unkomeje." 20 Arambaza ati "Uzi ikinzanye aho uri? Dore ubu ngiye gusubiraye kurwana n'umutware w'u Buperesi, nimara kugenda umwami w'u Bugiriki arahereye aze. 21 Ariko ndagusobanurira ibyanditswe mu byanditswe by'ukuri, kandi abo nta wundi dufatanije kubarwanya keretse Mikayeli, umutware wanyu.

Amaherezo umuhanuzi yaje gukomezwa kugira ngo abashe kumva neza icyo marayika yashakaga kumubwira. Gaburiyeli yaravuze ati: "Uzi ikinzanye aho uri?" Mbese usobanukiwe umugambi wanjye kugira ngo utazongera gutinya ukundi? Nuko amubwira ko afite umugambi wo kongera gusubiraye akimara kumubwira icyari kimuzanye. Umugambi we wari uwo kuja kurwanya umwami w'u Buperesi. Ijambo "im" risobanura ngo "na" muri Bibiliya yahinduwe mu Kigiriki ivuye mu Giheburayo hakoreshejwe ijambo "meta" risobanurwa ngo uwo "tudahanganye" ahubwo "dufatanyije", cyangwa "duhuriye hamwe;" bishatse gusobanura yuko marayika w'Imana yashoboraga guhagarara ku ruhande rw'ubwami bw'u Buperesi igihe cyose byari kuba biri mu bushake bw'Imana kugira ngo ubwo bwami bukomeze kubaho. Maze Gaburiyeli arakomeza ati: "Nimara kugenda, umwami w'u Bugiriki arahereye aze." Bisobanuye ngo, igihe araba akuye ubufasha bwe kuri ubwo bwami, kugiraneza kw'Imana kukajya gushigikira ubundi bwami. Bityo rero, umwami w'Ubugiriki azahereye aze, maze umwami w'u Buperesi ahereye akurwe ku ngoma.

Icyo gihe Gaburiyeli yatangaje yuko nta wundi ushoboye gusobanukirwa ibyo yendaga kumumenyesha uretse Mikayile Umutware. Amaze kubimenyesha Daniyeli, hari hariho bane mu ijuru no mu isi bari bazi uko kuri kw'ingenzi—ari bo Daniyeli, Gaburiyeli, Kristo n'Imana. Bane nibo baboneka muri uyu murunga w'abahamya—uwa mbere ni Daniyeli, umwe mu bagize umuryango w'abantu; uheruka ni Yehova, Imana ya bose!

IGICE CYA 11

KUZINGURA UMUZINGO WEREKANA AHAZAZA

Daniyeli 11

UMURONGO WA 1 “Kandi nanjye, mu mwaka wa mbere wo ku ngoma ya Dariyo w’Umumedi, ahagurukijwe no kumufasha no kumukomeza. 2 Nuko none ngiye kukwereka iby’ukuri. Hazima abandi bami batatu i Buperesi, ariko uwa kane uzima azarusha ba batatu bose ubutunzi cyane. Namara kugwiza imbaraga ku bw’ubutunzi bwe, azahagurutsa ingabo ze zose kurwanya ubwami bw’u Bugiriki.”

Ubu dutangiye ubuhanuzi bw’ibizaba mu gihe kizaza, ubuhanuzi budafubitswe n’imvugoshusho n’ibimenyetso nk’uko bimeze mu mayerekwa yo muri Daniyeli 2, 7 ndetse n’igice cya 8. Ahubwo ni ubuhanuzi bwatanzwe mu mvugo yumvikana. Bimwe mu byaranze amateka y’isi uherye mu gihe cya Daniyeli ukagaza ku mperuka y’isi tubigaragarizwa hano. Ubu buhanuzi, nk’uko Tomasi Newton abivuga, ntibushobora kuvugwa mu buryo butari bwo ngo hemezwe ko ari ubusobanuro cyangwa amagambo yongerewe ku iyerekwa ryo mu gice cya 8 cya Daniyeli, amagambo yerekana neza ko yari asobanukiwe n’isano iri hagati y’iryo yerekwa n’umugabane usigaye w’igitabo cya Daniyeli.⁸⁹

Gusobanura Iyerekwa Riheruka rya Daniyeli.—Marayika Gaburiyeli amaze kuvuga ko mu mwaka wa mbere wo ku ngoma ya Dariyo yari yahagurutse kugira ngo amukomeze kandi amuhe imbaraga, noneho yerekeza amaso ye ahazaza. Dariyo yari yarapfuye, kandi muri icyo gihe Kuro ni we wari ku ngoma. Abandi bami batatu bari kuzahaguruka cyangwa se bakima ingoma mu Buperesi nta gushidikanya bagahita basimbura Kuro.

⁸⁹ Thomas Newton, *Dissertation on the Prophecies*, Vol. I, p. 335.

Abo ni Cambyes, umuhungu wa Kuro; Smerdis wigereranyaga; na Dariyo Hystaspes.

Ahasuwerusi Atera u Bugiriki.—Umwami wa kane wimye ingoma nyuma ya Kuro ni Ahasuwerusi, umuhungu wa Dariyo Hystaspes. Yabaye umuntu w'ikimenyabose kubera ubutunzi yari afite, bikaba byari ugusohora k'ubuhanuzi buvuga ko yajyaga "kuba umutunzi kurusha abandi bese." Yagambiriye gutsinda Abagiriki, kubw'ibyo rero yateguye ingabo zikomeye, uwitwa Herodotus avuga ko zari zigizwe n'abagabo 5. 283.220.

Ahasuwerusi ntiyari anyuzwe no guhungabanya Uburasirazuba gusa. Na none yashatse ubufasha mu gihugu cya Carthage mu burengerazuba. Umwami w'u Buperesi yarwanyije Ubugiriki kandi agenda abutsinda mu rugamba rwamenyekanye cyane rwabereye i Terimopile (Thermopylae); ariko izo ngabo zikomeye zashoboye gukwira mu gihugu gusa igihe ingabo maganatatu z'intwari zari zishinzwe kurinda inzira yambukiranya imisozi zaburaga ubufasha maze zikagambanirwa n'abanzi. Ku iherezo Ahasuwerusi yaje gutsindwa bikomeye mu rugamba rwabereye ahitwa i Salamis mu mwaka wa 480 Mbere Kristo, nuko ingabo z'Abaperesi zitonda umurongo zisubira mu gihugu cyazo.

UMURONGO WA 3 "Kandi hazima umwami ukomeye uzategesha imbaraga nyinshi, agenze uko yishakiye, 4 namara gukomera ubwami bwe buzatararana bugabanywemo mu birere bine byo mu ijuru, kandi ntibuzazungurwa n'urubyaro rwe, ntibuzategekwa nk'uko yari asanzwe abutegeka, kuko ubwami bwe buzakurwaho hakazima abandi batari abe.

Ahasuwerusi yabaye umwami wa nyuma wateye igihugu cy'Ubugiriki; noneho ubu ubuhanuzi bumaze kugeza ku bami cyenda batoya babanziriza "umwami ukomeye" witwa Alegizandere Ukomeye.

Nyuma yo guhangura ubwami bw'Abaperesi, Alegizandere yahindutse "umwami wa mbere ukomeye cyane wategekaga ku rwego rukomeye kurenza abami bese bategetse u Buperesi."⁹⁰ Ubutegetsu bwe bwari buhuriye hamwe "igice kinini cy'isi cyari gituwe muri icyo gihe." Mbega ukuntu yasobanuwe neza nk'umwami ukomeye, ...uzategesha imbaraga nyinshi akagenda uko yishakiye"! Nyamara yakoresheje imbaraga ze zose mu bikorwa by'urugomo n'ubusinzi, maze igihe yapfaga mu mwaka wa 323 M.K., ukwishakira icyubahiro kidafite umumaro kwe n'imigambi ye yose bishiraho vuba maze bijyana na we. Ubwami bw'u Bugiriki ntibwazunguwe n'abahungu ba Alegizandere. Mu myaka mike yakurikiye urupfu rwe, ubutunzi bwe bwose bwigabanyijwe n'abasikirari bakomeye bayoboraga bari bafite ishyari no kwifuza; abo bagabanyijemo umwami bwe ibice bine. Mbega uburyo byatwaye umwanya muto cyane akava mu bushorishori bw'icyubahiro cy'isi akamanuka hasi akagera ku gutakaza ubwenge ndetse n'urupfu! Abasirikari bane bakomeye ba Alegizandere bayoboraga ni

⁹⁰ Humphrey Prideaux, *The Old and New Testament Connected in the History of the Jews*. Vol. I, p. 378.

Kasanderi, Lisimakusi, Selewukusi na Putelemi; abo ni bo bigabanyije ubwami bwe.

“Nyuma y’urupfu rwa Antigonus [mu mwaka wa 301 M.K.], ibikomangoma bine byari byifatanyije, byigabanyije ubwami bwe; kandi aho ni ho ubwami bwa Alegizandere bwari burangiriye, maze buhindukamo ubwami bune. Putelemi atwara Egipta, Libiya, Arabiya, Coele-Siriya ndetse na Palestina; Kasanderi atwara Makedoniya n’Ubugiriki; Lisimakusi atwara Thrace, Bituniya, n’ibindi bice byo mu ntara iheranye na Hellespont na Bosiforusi; noneho Selewukusi atwara ahari hasigaye hose. Kandi abo bane ni bo ya mahembe ane y’isekurume y’ihene avugwa mu buhanuzi bw’umuhanuzi Daniyeli, ayameze nyuma yo kuvunika kw’ihembe rya mbere. Iryo hembe rya mbere ryari Alegizandere, umwami w’u Bugiriki, wa wundi wahanguye ubwami bw’Abamedi n’Abaperesi; noneho andi mahembe ane ni bo ba bami bane, bahagurutse nyuma ye, maze bakigabanya ubwami. Kandi na none abo ni yo ya mitwe ine y’ingwe yavuzwe ahandi hantu mu buhanuzi bumwe n’ubu. Kandi ubwami bwabo bune ni byo bice bine ubwami bw’umwami ukomeye [ni ukuvuga Alegizandere] bwari kwigabanyamo hakurikijwe ubuhanuzi bw’uwo muhanuzi Daniyeli, uvuga ko bwari kwigabanyamo uwo mubare, bwerekeje mu birere bine by’isi, bukigabanya hagati y’abo bami bane batari abo mu rubyaro rwe, nk’uko nyine abo bane bavuzwe haruguru batari urubyaro rwe. Kandi ku bw’ibyo, ubu buhanuzi bwose bwashoye binyuze muri uku kwigabanya guheruka k’ubwami bwa Alegizandere.”⁹¹

UMURONGO WA 5 “Nuko umwami w’ikusi azakomera, ariko umwe wo mu batware be azamurusha amaboko ahereko atware, kandi ubutware bwe buzakomera cyane.

Abami b’Amajyepfo.—Abami b’amajyaruguru n’abami b’amajyepfo bakunze kugarukwaho kenshi mu mugabane usigaye w’iki gice. Bityo rero, ni ingenzi cyane kubanza kugaragaza ubu butegetsi ubwo ari bwo kugira ngo byorohe gusobanukirwa n’ubu buhanuzi. Igihe ubwami bwa Alegizandere bwigabanyagamo, imigabane yabwo yerekeye mu birere bine bw’isi—ari byo amajyaruguru, amajyepfo, uburasirazuba n’uburengerazuba. Dushobora kwemera ko ibi bice bine ari Palestina, ahari umugabane w’ingenzi w’ubwami. Uwo mugabane w’ubwami wari uherereye mu burengerazuba bwa Palestina washoboraga kuba uremye ubwami bw’uburengerazuba; umugabane wari mu majyaruguru ukaba ubwami bwo mu majyaruguru; noneho umugabane wari mu burasirazuba ukaba ugize ubwami bw’amajyepfo; n’umugabane w’amajyepfo ukaba ubwami bw’amajyepfo.

Ibihe by’intambara n’imyivumbagatanyo byabayeho nyuma mu gihe kirekire; imipaka igaragara yagiye ihindurwa cyangwa ikavugururwa; iyari ishaje yagiye ivaho imishya igashyirwaho. Nyamara impinduka zose zaba

⁹¹ *Ibid.*, p. 415.

zarabayeho, ibi bice by'ubwami bigomba kugaragaza amazina iyo migabane y'icyo gihugu yagize nyuma y'icyo gihe, bitabaye ibyo, nta rugero fatizo rwadushoboza guhuza iby'ubuhanuzi buvuga n'ibyabaye. Mu yandi magambo, ububasha ubwo ari bwo bwose bwari gutegeka ako karere kari karigeze bwa mbere kuba ubwami bw'amajyaruguru, ubwo butegetsi bwashoboraga kwitwa umwami w'amajyaruguru igihe cyose bwari kuba butegeka ako karere. Ububasha ubwo ari bwo bwose bwari gutegeka akarere kigeze kuba bwa mbere ubwami bw'amajyepfo, ubwo butegetsi bwari kwitwa umwami w'amajyepfo. Tuvuga ubu bwami bubiri bwonyine gusa kuko ari bwo bwonyine bwavuzweho n'ubuhanuzi nyuma; kandi ni ukubera ko mu by'ukuri, ubwami bwose bwa Alegizandere bwaje kuzimirira muri iyi migabane ibiri.

Abasimbuye Kasanderi, bidatinze baje gutsindwa na Lisimakusi maze ubwami bwe bwari bugizwe n' u Bugiriki na Makedoniya bwomekwa kuri Thrace. Na Lisimakusi yaje gutsindwa na Selewukusi, maze Makedoni na Thrace byomekwa kuri Siriya.

Ibi bimenyetso bidutegurira inzira yo guhuza neza imirongo iri imbere. Umwami w'amajyepfo ari yo Egiputa, azakomera. Putolemi Soter yigaruriye Shipure, Fenesiya, Kariya, Kurene n'ibirwa byinshi ndetse n'imijyi abyomeka kuri Egiputa. Uku ni ko ubwami bwe bwahindutse ubukomeye. Nyamara hari undi mu bikomangoma bya Alegizandere wavuzweho muri aya magambo ngo "umwe muri abo bami."

Ibi bigomba kuba birengurira kuri Selewukusi, wa wundi wometse Makedoni na Thrace kuri Siriya nk'uko twabivuze mbere, akagira imigabane itatu kuri ine yari igize ubwami bwa Alegizandere, maze akubaka ubwami bukomeye kurusha ubwa Egiputa.

UMURONGO WA 6 Nihashira imyaka bazuzura, kuko umukobwa w'umwami w'ikusi azasanga Umwami w'ikasikazi kugira ngo abuzuze, ariko uwo mukobwa azabura imbaraga z'amaboko ye, uwo mugabo na we ubwe ntazahagarara ngo akomere, n'amaboko ye na yo ni uko, ariko uwo mukobwa azatanganwa n'abamuzanye n'umubyeyi we, n'uhamukomezaga icyo gihe.

Umwami w'Amajyaruguru.—Habayeho intambara z'urudaca hagati y'abami ba Egiputa n'abami ba Siriya. By'umwihariko izo ntambara zabaye hagati ya Putolemi Philadelphus, umwami wa kabiri wa Egiputa na Antiyokusi Theos, umwami wa gatatu wa Siriya. Amaherezo baje kumvikana ku byo guhagarika intambara, ibyo bikaba byarasabaga ko Antiyokusi yirukana umugore we wa mbera witwaga Lawodise akamwirukanana n'abana be babiri b'abahungu, maze akarongora Berenise, umukobwa wa Putolemi Philadelphus. Putolemi ashingiye kuri ayo masezerano yazaniye Antiyokusi umukobwa we amuzananye n'inkwano nyinshi cyane.

"Ariko uwo mukobwa azabura imbaraga z'amaboko ye", ibyo bisobanuye ngo inyungu yari yiteze kubona kuri Antiyokusi ndetse n'ububasha

yamushakagamo. Uko ni ko byagenze; kubera ko nyuma yaho gato, Antiyokusi yagaruye ibwami umugore we wa mbere witwaga Lawodise, amugarurana n'abana be. Nuko ubuhanuzi bukavuga buti: "Uwo mugabo na we ubwe ntazahagarara ngo akomere, n'amaboko ye na yo ni uko," cyangwa urubyaro rwe. Lawodise amaze gusubizwa amahirwe ye ndetse n'ububasha yari afite, yatinye ko amarangamutima ya Antiyokusi yakongera guhindagurika maze akongera kumukoza isoni agahamagara Berenise. Yafashe umwanzuro ko nta kindi kintu kiruta urupfu cyamuha umutekano mu buryo bwihuse muri urwo rujijo rw'ibyashoboraga kumubaho cyangwe se ntibinamubeho, nyuma y'igihe gito aramurogesha. Nta n'ubwo abana ba Berenise basimbuye se ku ngoma, kubera ko Lawodise, yakoze atyo akigarurira ingoma maze umuhungu we mukuru witwa Selewukusi Callinicus akaba ari we wima ingoma.

"Ariko uwo mukobwa [Berenice] azatangananwa n'abamuzanye." Lawodise ntiyanyuzwe n'uko arogesheje umugabo we Antiyokusi, ahubwo yanicishije Berenise n'umwana we w'umuhungu. "Abamuzanye." Abagore b'Abanyegiputa n'abamukoreraga, mu kugerageza kumurengera, bicanywe na we. "N'uwo yabyaye": ni ukuvuga umwana we wicanywe na we ku bw'itegeko rya Lawodise. "n'uwamukomezaga icyo gihe": Nta gushidikanya yari umugabo we Antiyokusi cyangwa abandi bari bamushyigikiye kandi bakamurengera.

UMURONGO WA 7 Ariko umwe wo mu rubyaro rwe wakomotse ku gishitsi cye, azahaguruka yime ingoma ya sekuruza, azajya mu ngabo yinjire mu bihome by'umwami w'ikasikazi abigirire uko ashaka, yerekane imbaraga ze. 8 Ndetse n'imana zabo azazijyana ho iminyago muri Egipta, n'ibishushanyo biyagijwe n'ibintu byabo byiza by'ifeza n'izahabu, kandi azamara imyaka aretse umwami w'ikasikazi. 9 Hanyuma uwo mwami w'ikasikazi azatera igihugu cy'umwami w'ikusi, maze asubire mu gihugu cye.

Umwe wo mu rubyaro rwe wakomotse ku gishitsi kimwe na Berenise ni Euergetes musaza we Putolemi. Akimara gusimbura se Putolemi Philadelphus ku ngoma ya Egipta, yahise agurumanamo ishyamba ryo guhorera mushiki we Berenise wari warishwe. Yateguye ingabo nyinshi, maze agaba igitero mu bwami bw'umwami w'amajyaruguru Selewukusi Callinicus wari ufatanije na nyina Lawodise gutegeka Siriya, Silisiya n'ibice by'amajyaruguru ya Ufurate, n'igice cy'uburasirazuba bwa Babuloni. Amaze kumva ko hari umugambi wo guhirika ubutegetsi bwe wari uri gucurwa muri Egipta, ibyo bikaba byaramusabaga guhita asubira mu gihugu cye, yasahuye ubwami bwa Selewukusi amutwara ifeza ingana n'amatalanto ibihumbi 40, amutwara n'ibikoresho by'igiciro cyinshi cyane, n'ibishushanyo bisengwa 1500. Muri ibi bishushanyo harimo n'ibyo Cambyes yari yarashuye muri Egipta mu myaka yari yarashize maze abijyana mu Buperesi. Kubera ko muri Egipta bari abantu bari bariyeguriye gusenga ibigirwamana, bahaye Putolemi izina rya Euergetes cyangwa Benefactor,

nk'izina ry'akabyiniriro ryo kumushimira ko yagaruye imana zari zimaze imyaka myinshi zarajyanyweho iminyago.

Umwanditsi Tomasi Newton aravugaga ati: "Haracyariho abanditsi benshi bahamya byinshi kuri aba bnatu bihariye. Uwitwa Appian atubwira yuko Lawodise amaze kwica Antiyokusi, nyuma yaho agakurikizaho Berenise n'umwana we, Putolemi umwana wa Philadelphus yateye igihugu cya Siriya ajyanywe no guhora, akica Lawodise, ndetse agakomeza kurwana kugeza i Babuloni. Uwitwa Polibiyusi atubwira yuko Putolemi wahimbwe Euergetes amaze kurakazwa cyane n'uburyo bishe mushiki we Berenise, yajyanye n'ingabo ze muri Siriya, maze yigarurira umujyi wa Selewusiya maze hashira imyaka urinzwe n'ingabo za Egipta. Ni muri ubwo buryo 'yinjijye mu gihome cy'umwami w'amajyaruguru.' Polyenus ahamya ko Putolemi yiyimitse akaba umutware w'igihugu cyose uhariye ku musozi Taurus ukagenda ukagera mu gihugu cy'u Buhinde nta ntambara irinze kubaho. Nyamara kubwo kwihenda akahandikisha kuri se aho kuhandikisha ku mwana we. Yusitini we avugaga ko iyo Putolemi ataza guhamagarirwa gusubira muri Egipta kubera umugambi wo guhirika ubutegetsi bwe wategurirwagayo, yari kuba yarigaruriye ubwami bwose bwa Selewukusi. Ni uko umwami w'amajyepfo yaje mu bwami bw'amajyaruguru, hanyuma agasubira mu gihugu cye. Na none 'yakomeje gutegeka indi myaka nyuma yo gupfa k'umwami w'amajyaruguru,' kubera yuko Selewukusi Callinicus yaguye mu buhunngiro ahubutse ku ifarashi ye, maze Putolemi Euergetes aramuhonoka akomeza kubaho imyaka igeze kuri ine cyangwa itanu."

UMURONGO WA 10 10 "Bukeye abana be bazateranya imitwe y'ingabo nyinshi batabare, izo ngabo zizatera zisandare nk'umwuzure w'amazi zikwire igihugu, nizimara guhitanya zizagaruka zirwana zihindurane igihome cy'umwami w'ikusi.

Umugabane ubanza w'uyu murongo uvugaga ku bana mu bwinshi; umugabane uheruka wawo ukavugaga kuri umwe mu bukeya. Abahungu ba Selewukusi Callinicus bitwaga Selewukusi Ceranaunus na Antiyokusi Magnus. Aba batangiye umurimo bafite ishya ryo guharanira ishema ry'igihugu cyabo ndetse no guhorera se ubabyara. Umukuru muri bo witwaga Selewukusi, ni we wabanje gufata bwa mbere intebe y'ubwami. Ateranya abantu benshi cyane ngo bongere guhindura ibihugu se yategekaga, nyamara bidatinze yaje kurogwa n'abasirikari be bakomeye muri ubwo butegetsi bukojeje isoni. Mwenese wamurushaga imbaraga Antiyokusi Magnus batangaza ko ari we ubaye umwami. Ayobora ingabo zigarurira Selewusiya na Siriya, maze yiyimika nk'umwami w'ahantu hamwe na hamwe binyuze mu masezerano y'amahoro, ahandi na ho akabikora ku mbaraga. Antiyokusi atsinda Nikolasi umusirikari ukomeye wa Egipta ku rugamba maze agira n'ibitekerezo byo gutera Egipta ubwayo. Nyamara izo mpande zose zaje kugirana amasezerano yo guhagarika imirwano, nyamara bakomeza kwitegura intambara. Aha ni ho haboneka uwajyaga "gusandara nk'umwuzure w'amazi agakwira igihugu."

UMURONGO WA 11 Maze umwami w'ikusi azarakara, azasohoka arwane n'umwami w'ikasikazi. Azagaba ingabo nyinshi, maze ingabo z'umwami w'ikasikazi zizagaruzwe umuheto n'umwami w'ikusi.

Abami b'Amajyaruguru n'Abami b'Amajyepfo mu Makimbirane.—Putolemi Philopator yasimbuye se Euergetes ku ngoma y'ubwami bwa Egiputa, yambitswe ikamba nyuma y'igihe gito Antiyokusi Magnus asimbuye mukuru we ku butegetsi mu bwami bwa Siriya. Yari umwami wikundira ubuzima bworoshye, akaba umunyarugomo n'umwicanyi, nyamara kera kabaye yaje gukanguka kubwo kumva ko Antiyokusi yashoboraga gutera igihugu cya Egiputa. Mu by'ukuri "yakangukanye umujinya" kubera igihombo yari yarihanganiye n'akaga kari kamwugarije. Yateguye ingabo nyinshi kugira ngo zibashe gukurikiranira hafi imyiteguro y'umwami wa Siriya, nyamara n'umwami w'amajyaruguru yagombaga "gutegura ingabo nyinshi." Dukurikije uko Polibius abivuga, ingabo za Antiyokusi zanganaga n'abasirikani ibihumbi 62 bagenza amaguru, ibihumbi 6 by'abagendera ku mafarashi, n'inzovu 102. Muri ayo makimbirane, urugamba rwabereye i Raphia, Antiyokusi yaratsinzwe, abasirikari be hafi ibihumbi 14 baricwa, abandi 4000 bajyanwaho iminyago, hanyuma ingabo ze zishyirwa mu maboko y'umwami w'amajyepfo—ubuhanuzi buba burasohoye.

UMURONGO WA 12 Umwami w'ikusi namara kunesha izo ngabo azishyira hejuru, ariko nubwo azaba arimbuye abantu inzovu nyinshi ntazaba anesheje rwose.

Putolemi ntiyashyize ubushishozi mu gukoresha neza intsinzi yari yabonye. Iyo akurikirana iyo ntsinzi yari afite, ahari aba yaranategetse ubwami bwose bwari busanzwe butegekwa na Antiyokusi; ariko nyuma yo kubakangisha by'igihe gito, yagiranye na bo amasezerano y'amahoro kugira ngo abone uko yiroha mu by'irari rye ryuzuye ubugome n'ubugoryi bitagira rutangira. Bityo, igihe yari amaze gutsinda abanzi be, yarushijwe imbaraga n'ibibi bye, maze amaze kwibagirwa izina rikomeye yashoboraga kugira, yakoresheje igihe cye mu birori no kunezeze umubiri.

Umutima we wishyize hejuru kubera intsinzi yari yagize, ariko yari kure yo gukomezwa na yo kubera yuko yayikoresheje mu buryo bw'urukozasoni, bityo byatumye n'abayobohe be bamugomera. Nyamara kwishyira hejuru k'umutima we kwagaragaye cyane mu masezerano yagiranye n'Abayuda. Ageze i Yerusalemu, yatambye ibitambo, ndetse yifuza cyane kwinjira *ahera cyane* h'urusengero kandi byari binyuranije n'amategeko ndetse n'iyobokamana ry'Abayuda. Ariko amaze kubibuzwa ariko biruhanije cyane, yavuye aho hantu agurumanamo uburakari yari arakariye ishyanga ryose ry'Abayuda, maze uwo mwanya atangira kubatoteza ubudatuza. Muri Alegizandiriya, aho Abayuda bari batuye uherye mu gihe cya Alegizandere, babayeho mu buryo bubanejeje nk'abenegihugu bakunzwe, abagera ku bihumbi 40 nk'uko Eusebius yabyanditse, cyangwa bakagera ku bihumbi 60

nk'uko uwitwa Jerome abivuga, barishwe. Kwigomeka kw'Abanyegiputa no gutsembatsembwa kw'Abayuda ntabwo byari kuba uburyo bwo gukomeza ingoma ya Putolemi, ibiri amambu byabaye uburyo buhagije bwo gutuma ingoma ye irimbuka.

UMURONGO WA 13 kuko umwami w'ikasikazi azagaruka akagaba ingabo ziruta iza mbere, kandi nihashira imyaka azazana n'ingabo nyinshi n'ibintu byinshi.

Ibivugwa muri uyu murongo ko byajyaga kubaho, byagombaga kubaho "nyuma y'imyaka runaka." Amasezerano y'amahoro yari yumvikanyweho hagati ya Putolemi Philopater na Antiyokusi Magnus yamaze imyaka cumi n'ine. Hagati aho, Putolemi yapfuye azize kutirinda n'ubusambanyi, maze asimburwa n'umuhungu we Putolemi Epiphanes wari ufite imyaka itanu y'ubukuru icyo gihe. Antiyokusi yaburijemo kwivumbura ku butegetsi mu bwami yategekaga muri icyo gihe maze atuma intara z'uburasirazuba zimwumvira. Icyo gihe yinezazaga uko ashatse kose igihe umwami muto Epiphanes yari ari ku ngoma ya Egipta. Igihe yatekerezaga ko ari ikintu cyiza gukoresha uwo mwanya kugira ngo yagure ubwami bwe, yateguye ingabo nyinshi cyane "ziruta iza mbere" maze arahaguruka ajya kurwana na Egipta yiteze ko azatsinda uwo mwami wari ukiri umwana bimworoheye.

UMURONGO WA 14 Icyo gihe benshi bazahagurutswa no kurwanya umwami w'ikusi, kandi ab'inguguzi bo [abajura biba] mu bwoko bwawe bazahaguruka kugira ngo basohoze ibyerekanywe mu nzosi, ariko bazagwa.

Ntabwo Antiyokusi Magnus ari we wenyine wahagurukiye uyu Putolemi wari ukiri umwana. Agathocles, wari minisitiri we w'intebe kandi wari ufite umwanya w'uwo mwami ndetse akayobora imirimo yose y'ibwami mu mwanya w'uwo mwami w'umwana, yari umuntu utagira rutangira kandi w'umwirasi igihe yabaga akoresha ububasha bw'uwo mwami ku buryo intara zari zarahoze zitwarwa na Egipta zayigomeye. Na Egipta ubwayo yari ihungabanyijwe n'abashakaga guhirika ubutegetsi, kandi igihe Abanyalegizandiriya bari bahagurukiye kurwanya Agathocles, batumye we ubwe, na mushiki we, na nyina ndetse n'ibyegeza bye bicwa. Muri icyo gihe, Filipo w'i Makedoni yifatanyije na Antiyokusi kugira ngo bigabanye ubwami bwa Putolemi, bemeranya yuko buri wese muri bo azajyana uruhande ruhereranye n'igihugu cye ari narwo rwari kuba rumworoheye kurusha urundi. Aha ni ho hagaragara guhagurukira umwami w'amajyepfo kandi bikaba bihagije ngo bisohoze ubuhanuzi, ndetse nta gushidikanya ingaruka yabyo, yabaye ibyo ubuhanuzi bwari bwaravuze ko bizaba.

Noneho ubutegetsi bushya buravuzwe -"abajura batwara iby'ubwoko bwawe;" Tomasi Newton avuga ko ari "abana b'abajura ...biba ubwoko bwawe."⁹² Kure cyane ku nkengeri z'umugezi wa Tiberi, hari ubwami bwamaze igihe kirekire bukuza muri bwo imishinga yuzuye kwifuza ndetse

⁹² Thomas Newton, *Dissertation on The Prophecies*, Vol. I, p. 352.

n'imigambi y'umwijima. Bwa mbere bwabanje kuba ari buto kandi ari ubunyantegenke, hanyuma buza gukura ndetse bugwiza imbaraga mu buryo bwihuse bitangaje, bukwira hirya no hino bikino mu kugenda bagerageza imbaraga zabo no gusuzuma ingufu zabo mu by'intambara, kugeza igihe biyumvisemo ko bafite imbaraga, maze bashira amanga bazamura umutwe wabo hagati y'amahanga yo ku isi, nuko basingiriza ukuboko kutaneshwa imirimo ikorerwa mu isi maze barayiyobora. Uhereye icyo gihe izina rya Roma ritangira kumenyekana mu mateka, rigenerwa kumara imyaka myinshi riyobora isi, kandi ngo rigire imbaraga nyinshi mu mahanga ndetse no kugeza ku mperuka y'ibihe.

Roma yaravuze—kandi Siriya na Makedoniya bidatinze babonye impinduka ziza guhindura inzozo zabo. Roma yivanze mu bintu kugira ngo ize kurengera umwami wa Egipta wari ukiri muto, biyemeza kumurengera ngo adahitanwa n'imigambi kirimbuzi ya Antiyokusi na Filipo. Ibi byabayeho mu mwaka wa 200 M.K., kandi byabaye igikorwa cya mbere cy'Abaroma cyo kwivanga mu byabera hagati ya Egipta na Siriya. Umwanditsi w'amateka Rollin aduha iyi nkuru ngufi yerekeranye n'iki kibazo mu magambo akurikira:

“Mu gihe cy'ubwami bwa Ptolemy Philopator, Antiyokusi umwami wa Siriya na Filipo umwami wa Makedoniya, bari batahuye ishyamba rikomeye cyane ryo kurengera uwo mwami, kandi bakaba bari biteguye kumutabara igihe icyo ari cyo cyose. Nyamara akimara gupfa, maze agasiga ku ngoma umwana muto wari wemerewe n'amategeko ndetse n'ubutabera kuba umuragwa w'ubwami bwa se nta kimukomye mu nkokora, bahise bagirana amasezerano y'ubugome, maze baterana inkunga yo kunyaga umuragwa wemewe n'amategeko ibye bityo bakigabanya ubutegetsi bwe. Filipo yari gutwara Caria, Libiya, Cyrenaica na Egipta; na ho Antiyokusi agatwara ahari kuba hasigaye hose. Akurikije ibitekerezo bye, Antiyokusi yinjire muri Coele-Syria no muri Palestina, kandi mu bitero bitarenze bibiri, yari amaze kwigarurira izo ntara ebyiri n'imirwa yazo mikuru n'imitungo yabo. Polibiyusi (Polybius) avuga yuko icyaha cyabo kitari kugaragara cyane, iyo kimwe n'abandi bategetsi b'igitugu bose, baza kugerageza gutwikiriza ubugome bwabo kwiyoberanya. Nyamara aho kugira ngo bagenze batya, kurenganya abantu kwabo n'ubwicanyi bwabo byarigaragaje cyane nta kwihishira, ku buryo kuri bo uyu mugani uvugwa muri rusange ku mafi ngo 'ifi nini itungwa n'intoya' wasohoye kuri bo. Uwo mwanditsi yakomeje avuga ko umuntu aramutse abonye uburyo amategeko yera cyane y'umuryango w'abantu yishwe ku mugaragaro, ashobora kugwa mu gishuko cyo gushinja Imana ko yicecekeye ikaba ntibindeba ku birebana n'ubwo bugome buteye ubwoba bwakorwaga; nyamara yagaragaje inyifato yayo mu buryo bwuzuye binyuze mu guhana abo bami babiri ikurikije ugutandukira kwabo; bityo bahinduka akabarore kugira ngo abo mu bihe bizakurikiraho bazirinde gukurikiza urugero rwabo. Kubera ko mu gihe bacuraga imigambi yo kunyaga ubwami umwana w'umunyantegenke kandi utagira gifasha binyuze mu buhemu, ubutabazi mvajuru bwahagurukije Abaroma

barabarwanya, banyaga Filipino na Antiyokusi ubwami bwabo, maze abajyaga kubasimbura babateza ibyago bikomeye, babagirira nk'ibyabo bo ubwabo bari bagiye gukorera umwami wari ukiri umwana."⁹³

"Gushimangira ibyerekanywe." Abaroma ni bo bibanzweho n'ubuhanuzi bwa Daniyeli kurenza ubundi bwoko bwose. Kwivanga kwabo ku nshuro ya mbere mu byabereye hagati y'ubu bwami, ahangaha byerekana gushimangira, cyangwa kugaragaza ukuri kw'iyerekwa ryari ryarahanuye ko ububasha nk'ubwo buzabaho.

"Ariko bazagwa." Ni amagambo arengurira kuri abo bari bavuzwe mu mugabane ubanza w'uyu murongo, ari bo bari guhagurukira kurwanya umami w'amajyepfo; abandi bavugaga ko ari ba bajura bibaga ubwoko bwa Daniyeli. Uburyo ubwo ari bwo bwose muri ubwo bwombi bwashoboka. Niba abo bahuriye hamwe imbaraga zabo ngo barwanye Putelemi ari bo bavugwaga, igikwiriye kuvugwaga ni uko kwagwa kwabo kwihuse mu by'ukuri. Niba kandi bisobanura Abaroma, ubuhanuzi bwaba bwaratungaga agatoki ku gihe cyo guhirikwa k'ubutegetswe bwabo mu iherezo ryabwo.

UMURONGO WA 15 Nuko umwami w'ikasikazi azaza atere umudugudu ugoswe n'inkike z'amabuye zikomeye, azazirundaho ikirundo cyo kuririraho ahereko awutsinde. Ingabo z'umwami w'ikusi ndetse n'intore ze ntizizamushobora, ntizizagira amaboko yo kumwimira.

Bitegetswe n'urwego rukuru rw'inteko ishingira amategeko y'Abaroma, uburere bw'uwo mwami wa Egipta wari ukiri muto bwashinzwe umutegetswe witwaga M. Emilius Lepidus, na we aha inshingano Aristomenes, umuministiri wari ukuze kandi akaba inararibonye wo muri icyo ngori ya cyami kuba ari we uba umurezi we. Igikorwa cyo cyamubonye cyari icyo kumurinda igitero cyose cyaturuka kuri abo bami bari bishyize hamwe ari bo Filipino na Antiyokusi.

Kugeza icyo gihe, yohereje uwitwaga Sikopasi (Scopas) umusirikari ukomeye wa Aetolia kugira ngo ajye gufasha Abanyegiputa, mu gihugu cyo cyakavukire kugira ngo aho ingabo imyitoto. Nyuma yo kwigisha ingabo, yagabye igitero muri Palestina na Coele-Siriya (Icyo gihe Antiyokusi yari ahanganye ku rugamba na Attalus muri Aziya Nto), maze yigarurira Yuda yose ijya mu maboko ya Egipta.

Bityo ibintu biba byegerejwe uburyo bwo gusohora hakurikijwe uyu murongo dufite imbere yacu. Amaze gucibwa integere n'intambara yarwanaga na Attalus ndetse n'igitutu yari ashyizweho n'Abaroma, Antiyokusi yahise yihutira kujya kugaruza Palestina na Coele-Siriya ngo abivane mu maboko y'Abanyegiputa. Sikopasi yaroherejwe ngo ajye kumukoma imbere. Hafi y'amasoko ya Yorodani niho ingabo z'imitwe yombi zasakiraniye. Sikopasi yaratsinzwe baramwirukana bamugeza i Sidoni, aho ingabo ziba ariho zikora urugerero. Abajenerali batatu bakomeye bo muri Egipta boherejwe

⁹³ Charles Rollin, *Ancient History*, Vol. V, pp. 305, 306.

bari kumwe n'ingabo zizi kurwana ngo zize kongera imbaraga ku zari ziri ku rugerero, nyamara ntibabashije gutsinda. Kera kabaye, Sikopasi yahuye n'umwanzi gica w'inzara, uwo atashoboraga guhangana na we, maze biba ngombwa ko amanika amaboko mu buryo bukojeje isoni kugira ngo arengere ubuzima gusa. We hamwe n'ingabo zigeze ku bihumbi 10 bemererwa kugenda bakennye kandi nta kintu na kimwe bajyanye. Uko ni ko umwami w'amajyaruguru yigaruriye imijyi yari igoswe n'inkike zikomeye, kubera ko Sidoni mu myubakirwe yayo n'uburyo yari irinzwe, yari umwe mu mijyi ikomeye cyane yo muri icyo gihe. Aha ni ho ingabo zo mu majyepfo zatsindiwe zikananirwa guhagarara zishikamye, kandi n'abantu umwami w'amajyepfo yari yatoranyije na bo baratsindwa; abo mu buryo bw'umwihariko ni Sikopasi n'ingabo zitwa *Ætolia*.

UMURONGO WA 16 Ahubwo uzaba ahateye azagenda nk'uko ashaka kandi nta wuzamuhagarara imbere, nuko azahagarara mu gihugu gifite ubwiza, arimbuze ukuboko kwe.

Roma Itsinda Siriya na Palestina.—Nubwo Egipta itari yashoboye guhagarara imbere ya Antiyokusi Magnus umwami w'amajyaruguru, Antiyokusi Asiaticus ntiyashoboraga guhagarara imbere y'Abaroma bari bamuteye. Nta bwami bwashoboye guhagarara imbere y'ubu butegezi bwari bwadutse. Siriya yaratsinzwe maze yomekwa ku bwami bwa Roma igihe Pompey yabuzaga Antiyokusi Asiaticus gukomeza kugumana ubwami bwe mu mwaka wa 65 M.K., ndetse akagabanya Siriya igahinduka intara y'ubwami bwa Roma.

Ubwo butware bwanagombaga guhagarara mu Gihugu Cyera kandi bukacyigarurira. Abaroma bahuye n'ubwoko bw'Imana ari bwo bw'Abayuda binyuze mu kugirana amasezerano mu mwaka wa 161 M.K. Uhereye icyo gihe, Roma yagize umwanya wigaragaza cyane mu ngengabihe ya gihanuzi. Nubwo bimeze bityo, ntabwo yigeze ikoresha ububasha bwayo mu buryo bugaragara muri Yudaya nk'abayigaruriye kugeza mu mwaka wa 63 M.K.

Igihe Pompey yari ahinguye avuye kurwanya Mithridates Eupator, umwami w'i Pontus, abahungu b'umutambyi mukuru w'Abayuda muri Palestina, Hyrcanus na Aristobulus, bari bahanganye baharanira kuyobora Yudaya. Ikibazo cyabo Pompey yarakimenye, nyuma aza kubona bidatinze ibyo Aristobulus yashakaga bitari binyuze mu kuri, nyamara ashaka kubyirengagiza kugeza igihe yari arangije igitero yari amaze igihe kirekire yifuza kugaba muri Arabiya. Abasezeranira kugaruka maze agakemura impaka zabo akurikije ukuri n'uburyo yari kubona ko bikwiriye. Aristobulus amaze gusobanukirwa icyerekezo nyakuri cy'ibyo Pompey yendaga gukora, yahise agaruka bwangu i Yudaya, ategura abayoboke be mu buryo bwa gisirikari, yitegura kurwana, yiyemeza gukora uko ashoboye kose kugira ngo agumane ikamba, iryo yari yabonye ko rishobora guhabwa undi mu buryo bwemewe n'amategeko. Nyuma yo kurangiza urugamba yarwanaga n'umwami Aretas, Pompey yamenye iby'imyiteguro y'intambara yakorwaga, maze ahita agaba igitero i Yudaya. Igihe yengada kugera i Yerusalemu,

Aristobulus yatangiye kwicuza ibyo yakoze, maze arasohoka ngo aje gusanganira Pompey, nuko agerageza gukemura ikibazo binyuze mu kwemera kumanika amaboko rwose kandi agatanga ubutunzi bwinshi. Amaze kwemera iyo mpano, Pompey yohereje Gabinius ari kumwe n'ingabo nkeya ngo bamubanzirize imbere bajye gushyikira ubwo butunzi. Nyamara igihe uwo muliyetona yari ageze i Yerusalemu, yasanze bamukingiranye ku marembo y'umurwa, nuko bamubwira bahagaze hejuru y'inkike ko umurwa udashobora gukomera binyuze mu masezerano.

Kugira ngo atariganywa binyuze muri ubu buryo bwo kudahana, Pompey yabohesheje Aristobulus iminyururu y'ibyuma, uwo mwanya ahita agaba igitero kuri Yerusalemu ari kumwe n'ingabo ze zose. Abashyigikiye Aristobulus bashakaga kurwana ngo berengere umurwa; aba Hyrcanus bo bagashaka gukingura amarembo. Abo mu ruhande rwa Hyrcanus kuko ari bo bari benshi, barushije bagenzi babo imbaraga maze barakingura, Pompey yinjira mu murwa atagombye kurwana. Abari abayoboze ba Aristobulus bahungiyeye mu gihome cy'urusengero nk'abari biyemeje kurwana ngo barengere aho hantu kuko Pompey yashakaga kuhigarurira. Nyuma y'amezi atatu habashije kuboneka icyuho gihagije mu nkike ku buryo igitero cyari kugabwa, nuko aho hantu hagabizwa inkota. Mu ntambara yakurikiyeho, abantu ibihumbi 12 bicishijwe inkota. Umunyamateka avuga ko byari ibintu biteye ubwoba kubireba: kureba abatambyi bari bari mu murimo w'Imana, bafite ibiganza bituje kandi bifite intego idakuka yo gukomeza umurimo bari bamenyereye; ku bigaragara, ntibari bitaye ku mivurungano yari imeze nk'iy'inyamaswa, kugeza igihe amaraso yabo ubwabo yavanzwe n'ay'ibitambo bari batambye.

Nyuma yo kurangiza intambara, Pompey yashenye inkike z'urusengero, yohereza abatuye imijyi myinshi bava mu butware bwa Yudaya bajya mu bwami bwa Siriya, maze ateguka Abayuda kujya batanga imisoro. Ku nshuro ya mbere, Yerusalemu yaratsinzwe maze ijya mu maboko ya Roma, ari yo bwa bubusha bwajyaga guhagarara mu "gihugu cy'ubwiza" maze bukarimbuza ukuboko kwabwo.

UMURONGO WA 17 "Nyuma azagambirira kuzana n'ingabo z'igihugu cye cyose, maze zikiranure[azane n'abakiranutsi] n'umwami w'ikusi. Azamushyingira umukobwa we kugira ngo azanire ubwami bw'ikusi kurimbuka, ariko imigambi ye ntizuzura, ntabwo azahindura icyo gihugu.

Tomasi Newton aduha andi magambo dukwiriye gusoma ku byerekeranye n'uyu murongo, asa n'avuga ku buryo bwumvika ubusobanuro bwawo: "Kandi azerekeza amaso ye ku kwinjira muri ubwo bwami bwose akoresheje imbaraga."⁹⁴

Roma Itsinda Ubwami bw'Amajyepfo.—Umurongo wa 16 utugeza ku gutsindwa kwa Siriya na Yudaya bikoze n'Abaroma. Mu bihe byari byabanje, Roma yari yatsinze Makedoni na Thrace. Noneho ubwo Egipta

⁹⁴ Thomas Newton, *Dissertation on the Prophecies*, Vol. I, p. 356.

ni yo yari itahiwe ku bwami bwa Alegizandere yari itarigarurirwa n'ubutegetsi bw'Abaroma. Noneho ubu Roma yerekeje amaso ku gihugu cya Egipta.

Putolemi Auletes yapfuye mu mwaka wa 51 M.K. Yari yasigiye ikamba n'ubwami bya Egipta umukobwa we mukuru wari warokotse witwaga Kelewopatra n'umuhungu we mukuru witwaga Putolemi wa XII, umuhungu muto wari ufite imyaka 9 cyangwa icumi y'ubukuru. Mu bushake bwe, yateganyaga ko abo bana bazashyingiranwa maze bagategukera hamwe. Kubera ko bari bakiri bato, bahawe Abaroma ngo babarere. Abaroma bemeye iyo nshingano, maze bashyiraho Pompey ngo abe ari we uba umurezi w'abo baragwa ba Egipta bari bakiri bato.

Bidatinze havutse intonganya hagati ya Pompey na Kayizari, zageze ku ndunduro mu rugamba rukomeye rwabereye ahitwa i Pharsalus. Pompey amaze gutsindwa, ahungira muri Egipta. Uwo mwanya Kayizari ahita amukurikiranayo; nyamara mbere y'uko ageraye, Pompey yahise yicwa ku itegeko rya Putolemi. Nuko Kayizari aba ari we ufata inshingano yo kurera Putolemi na Kelewopatra. Yabonye ko Egipta yari iri mu muvurungano kuko imbere mu gihugu hari hari imvururu bitewe n'uko Putolemi na Kelewopatra bari barakimbiranye kuko Kelewopatra yari yarakumiriwe ngo atagira uruhare mu mitegekere y'ubwami.

Ibibazo byariyongeraga umunsi ku wundi, Kayizari abona ko abasirikare bake yari afite batari bahagije kugira ngo barinde ibirindiro bye, kandi abonye ko adashobora gusohoka muri Egipta bitewe n'umuyaga wo mu majyaruguru wahuhaga muri icyo gihe cy'umwaka, yatumye muri Aziya bamwoherereza ingabo yari afite muri ako karere.

Yuliyusi Kayizari yatangaje itegeko ko Putolemi na Kelewopatra bakwiriye gutandukanya ingabo zabo, hanyuma bakitaba imbere ye kugira ngo abashe gukemura ibibazo byabatandukanyaga, maze bakurikize ibyemezo yari gufata. Kubera ko Egipta bwari ubwami bwigenga, iri teka rikomeye ryafashwe nko kuvogera umudendeko w'icyo gihugu, nuko Abanyegiputa, bahagurukana uburakari bafata intwari. Kayizari abasubiza yuko yabikoze akurikije ubutware yari yahawe ubushake bwa se ubabyara Putolemi Auletes wari washyize abo bana mu biganza by'inteko ishingamye amateguko n'ubwoko bw'Abaroma ngo babarere.

Amaherezo ikibazo bakimushyize imbere hanyuma abunganizi mu rubanza bashyirwaho ngo baburanire impande zombi. Kubera ko Kelewopatra yari yarabwiwe ko uwo musirikari ukomeye cyane w'Umuroma ari umunyantegenke, yiyemeje gushaka uburyo yazaboneka mu maso ye imbonankubone. Kugira ngo abashe kugera imbere ye nta wubitaheye, yakoresheje ubu bucakura: yaryamye mu mwenda yirambuye wese, maze umugaragu we Apollodorus wakomokaga i Silisiya amuhambira mu gitambaro, ahambiriza icyo gipfunyika umushumi ukoze mu ruhu, nuko arawuzamura awushyira ku bitugu by'abantu bafite imbaraga, baja aho Kayizari yabaga. Avuze ko iyo yari impano azaniye uwo mujenerali

w'Umuroma, bamwemereye kuza mu maso ya Kayizari, maze yururutsa uwo mutwaro awushyira ku birenge bye. Igihe Kayizari yahamburaga icyo gipfunyika cyari giteye amatsiko, Kelewopatra wari mwiza cyane yahagaze imbere ye.

Ku biyanye n'iki kintu cyabaye, F.E. Adcock yaranditse ati: "Kelewopatra yari afite uburenganzira bwo gutegwa amatwi niba Kayizari ari we wari umucamanza, kandi yakoresheje ubucakura kugira ngo agere mu murwa no kugira ngo abone umuntu wari kumubera icyanzu akamumugezaho. Yaraje, aramubona kandi aratsinda. Ku ngorane abasirikari bari bafite zo kwivana imbere y'ingabo z'Abanyegiputa, hiyongereyeho ko Kayizari atari acyifuza kugenda. Yari arengeje imyaka 50 y'ubukuru, nyamara yari agifite ubutware bwatumaga abasirikari be bamukunda. Kelewopatra yari afite imyaka 22 y'ubukuru, yari afite icyifuzo gikomeye kandi afite umurava mwinshi nk'uko byari bimeze kuri Kayizari, kandi byari byoroheye Kayizari kumwumva, kumwishimira no kumukunda."⁹⁵

Hashize iminsi Kayizari atangaza itegeko ko uwo muhungu na mushiki we bagombaga gufatanya intebe y'ubwami maze bagategukera hamwe, hakurikijwe icyifuzo cyari kiriho. Pothinus wari ministiri w'intebe, uwari wakoresheje by'umwihariko nk'igikoresho cyo kwirukana Kelewopatra ngo ave ku ngoma, yatinye ingaruka zaterwa no kongera kumugarura mu mwanya yahozemo. Nuko atangira kubukiriza Kayizari ishyari n'urwango mu bantu akoresheje kubwira abantu ko Kayizari yagambiriye kwegurira Kelewopatra ububasha bwose. Bidatinze hakurikiyeho gushaka guhirika ubutegetsu. Abanyegiputa batangiye gushaka kurimbura amato n'ibikoresho bya gisirikari by'Abaroma. Kayizari yahise abihimuraho atwika ibyabo. Bimwe mu bikoresho byashyaga byageze hafi y'icyambu, maze inyubako nyinshi z'umujiy zifatwa n'inkongi y'umuriro, maze inzu y'isomero yo muri Alegizandriya y'ikimenyabose yari irimo ibitabo bigera ku 400.000 irakongoka. Antipater wo mu ntara ya Idumea [intara yari mu majyepfo ya Yudeya] aza kumuvuna azanye n'Abayuda 3.000. Abayuda bari barinze amarembo yo ku mupaka winjira muri Egiputa bemerera ingabo z'Abaroma gutambuka badatinze. Kuhagera kw'izi ngabo z'Abayuda zari ziyobowe na Antipater kwafashije bikomeye mu kurangiza iyi ntambara.

Urugamba ruheruka rwarwaniwe hafi y'umugezi wa Nili rwari ruhuje ingabo zirwanira mu mazi zo ku ruhande rwa Egiputa n'izo ku ruhande rwa Roma, rurangira Kayizari ari we wegukanye intsinzi. Igihe Putolemi yageragezaga guhunga, yarohamye mu mazi. Alegizandriya na Egiputa yose byigarurirwa na nyiri ugutsinda urugamba. Noneho Roma yari imaze kwinjira ndetse no kwigarurira ubwami bwose bwahoze ari ubwa Alegizandere.

Abavugwa muri uyu murongo ko ari "abakiranutsi" nta gushidikanya ni Abayuda bateye Kayizari ingabo mu bitugu nk'uko twabivuze ahabanza.

⁹⁵ The Cambridge Ancient History, Vol. IX, p. 670. By permission of Macmillan Company, publishers in the United States.

Iyo bitagenda bitya, yagombaga gutsindwa; nyamara baje kumufasha, yabashije gutsinda Egiputa mu mwaka wa 47 M.K.

“Azamushyingira umukobwa we kugira ngo azanire ubwami bw’ikusi kurimbuka,” uwo mu kobwa ni Kelewopatra wari warabaye umugore wa Kayizari akaba na nyina w’umuhungu we. Gusazwa n’urukundo yamukundaga byatumye aguma muri Egiputa ugihe kirekire kirenze icyo akazi yari afiteyo kamusabaga. Yakeshaga amajoro mu birori asabana kandi aganira n’umwamikazi wabaga yiyandaritse. Umuhanuzi yaravuze ati: “ariko imigambi ye ntizuzura, ntabwo azahindura icyo gihugu [cyangwa, ntabwo azaba mu ruhande rwe, nta n’ubwo azaba uwe.” Nyuma yaho Kelewopatra yaje kwifatanya na Antony wari umwanzi wa Kayizari Augustus, kandi akoresha imbaraga zose arwanya Roma.

UMURONGO WA 18 Hanyuma y’ibyo azahindukira atere ibirwa ahindure byinshi, maze undi mutware azashyire iherezo ku gasuzuguro yabasuzuguraga, ndetse azamugarurira agasuzuguro ke.

Intambara yabaye muri Siriya na Aziya Ntoya zarwanyaga Pharnaces umwami wa Bosiphorus ya Cimmeria zatumye Kayizari Yulius ava muri Egiputa. Prideaux avuga atya ati: “Igihe yari ageze aho umwanzi yari ari, yabaguye gitumo atanabanje kuruhuka cyangwa ngo na bo abahe akaruhuko; maze arabatsinda bidasubirwaho. Mu magambo yandikiye inshuti ye ku bijyanye n’ibyo yabivuze mu magambo atatu ati: “*veni, vidi, vici!*” Bisobanuye ngo: “Narahageze, ndababona, ndabatsinda.”⁹⁶ Umugabane uheruka w’uyu murongo urimo ibintu bitagaragara neza, bityo bigatuma habaho gutandukana kw’ibitekerezo by’abawusobanura. Bamwe bawuhuza n’ibyabaye mbere mu buzima bwa Kayizari, bagatekereza ko wasohoye mu ntonganya zabaye hagati ya Kayizari na Pompey. Nyamara ibyari byabanje ndetse n’ibyakurikiye izo ntonganya bisobanurwa mu buhanuzi, bituma dushakira ugusohora k’uyu mugabane w’ubuhanuzi hagati yo gutsinda Pharnaces n’urupfu rwa Kayizari aguye i Roma nk’uko bigaragarira muri uyu murongo ukurikira.

UMURONGO WA 19 ahereko ahindukirira ibihome byo mu gihugu cye bwite, ariko azasitara agwe ye kuzaboneka ukundi.

Nyuma yo gutsinda Aziya Ntoya, Kayizari yatsinze ibice byari byaragiye bisigara byahoze bitegekwa na Pompey ari byo Cato na Scipio ho muri Afurika; na Labienus na Varus ho muri Esipanye. Agarutse i Roma “ibihome byo mu gihugu cye bwite,” yahinduwe umunyagitugu mu gihe cy’ubuzima bwe bwose. Yahawe ubundi butware n’icyubahiro byamuhinduye mu by’ukuri umwami w’ikirenga mu bwami bwe bwose. Nyamara umuhanuzi yari yaravuze ko azasitara akagwa. Iyi mvugo isobanura ko guhirikwa kw’ingoma ye kwari kwihuta kandi kukaba mu buryo butari bwitezwe,

⁹⁶ Humphrey Prideaux, *The Old and New Testament Connected in the History of the Jews*, Vol. II, p. 312.

nk'umuntu warimo agenda maze akagira impanuka agasitara mu rugendo rwe. Ni ko byagendekeye uyu mugabo, uwo bavugaho ko yarwanye intambara zigera kuri 50 kandi akazitsinda, akaba yaratsinze imijyi igihumbi, akaba yarishe abagabo bagera kuri 1.192.000. Yaraguye, agwa ataguye mu nduru yo ku rugamba cyangwa mu isaha igoye yo mu buzima, ahubwo yapfuye mu gihe yatekerezaga ko mu nzira ye haringaniye kandi ko nta kaga kari hafi ye.

Mu mugoroba umwe, mbere yuko Kayizari Ides asangira na Lepidus, kandi mu gihe abatumirwa bari bafashe ibyicarwo hafi y'aho vino yabo yari iteretse, umuntu umwe yabajije ikibazo ati: "Urupfu rwiza umuntu yahitamo gupfa ni uruhe?" Kayizari wari uhugijwe no gushyira umukono ku nyandiko, yaravuze ati: "Ni urutunguranye. Ku munsu wakurikiyeho, mbere gato ya saa sita z'amanywa, nta nzuzi nta n'integuza yabayeho, yicaye mu ntebe ye mu nteko nkuru ishingira amategeko azengurutse n'abantu yari yaragiriye neza, abo yari yarazamuye mu ntera cyangwa akarinda ubuzima bwabo, umuntu yaramutikuye, asambagurika arwana kugeza igihe aguye imbere y'ikibumbano cya Pompey."⁹⁷ Nuko aba asitaye bitunguranye agwa mu mwaka wa 44 M.K., kandi ntiyongera kuboneka ukundi.

UMURONGO WA 20 "Bukeye hazahaguruka undi mu cyimbo cye uzohereza umukoresha w'ikoro mu gihugu gifite ubwiza, na we nihashira iminsi mike azarimburwa atazize uburakari cyangwa intambara.

Augustus Umusoresha Araboneka.—Okitaviyusi (Octavius) yasimbuye se wabo Yuliyusi Kayizari Ides wari waramureze nk'umwana we. Ku mugaragaro atangariza abantu ko yari yaramureze nk'umwana we, ndetse agafata izina rye. Afatanyaga na Mariko Antony na Lepidus kugira ngo bahore uwishe Yuliyusi Kayizari. Abo batatu bakora icyo bise ubutegetsi bwa batatu. Nyuma yuko Okitaviyusi amaze gukomera ku ngoma, inteko nkuru ishingira amategeko yamuhaye izina ry'ubutegetsi rya "Augustus," [Awugusito], kandi igihe abo bari bafatanyije ubutegetsi bari bamaze gupfa, yahindutse umutegetsi wo mu rwego rw'ikirenga.

Yashishikariye kwegeranya imisoro. Igihe Luka yavugaga ibyabaye igihe Kristo yavukaga, yaravuze ati: "Nuko muri icyo minsi itegeko riva kwa Kayisari Awugusito, ngo abo mu bihugu byose bese bandikwe." (Luka 2:1). Icyo tegeko cyo kwandikwa ryarebaga abari mu isi bese, ryari igikorwa kigomba kwitabwaho, kubera yuko umuntu warihaga imbaraga yarushaga abandi bese kugira ubutware ku izina "umusoresha". Mu gihe cy'ubutegetsi bwa Awugusito, hatanzwe "itegeko rishya ry'umusoro rivugaga ko buri mwenegihugu wese agomba gutanga umusoro ungana na kimwe cya kane [cyangwa 25%] cy'ibyo yinjiza ku mwaka, kandi abagabo bese batari

⁹⁷ *The Cambridge Ancient History*, Vol. IX, p. 738. By permission of Macmillan Company, publishers in the United States.

abagurano bagatanga kimwe cya munani cy'ibyo binjiza kikajya mu isanduku ya Leta."⁹⁸

Yarahagurutse ahagarara "mu cyubahiro cy'ubwami." Roma yarazamutse igera mu bushorishori bwo gukomera kwayo mu gihe cy'umwami Awugusito. Nta kindi gihe cyiza kurusha icyo ubwami bwigeze kugira. Amahoro yariyongereye, ubutabera burasugira, abantu barinezeza, abantu bagira urugero ruhamye rw'imyitwarire, kandi bashishikarizwa kujya mu mashuri. Mu gihe cy'ubwami bwe, urusengero rwa *Janus* rwafunzwe inshuro eshatu, bisobanuye ko isi yose yari iri mu mahoro. Uhereye mu ihangwa ry'ingoma y'Abaroma, urwo rusengero rwari rwarigeze gufungwa inshuro ebyiri mbere yaho. Muri icyo gihe ibintu byari bimeze neza, ni bwo Umwami wacu yavukiye i Betelehemu y' i Yudaya. Mu gihe kiri muni y'imyaka 18 nyuma yuko itegeko ry'umusoro riyaho, bisa n'aho cyari igihe gitoya ukurikije igihe umuhanuzi yari yarabyerekewe kera, Awugusito yapfuye mu mwaka wa 14 Nyuma ya Kristo (N.K)., apfa afite imyaka 76 y'ubukuru. Ntabwo ubuzima bwe bwarangiriye mu burakari cyangwa ku rugamba, ahubwo yapfuye mu gihe cy'amahoro azira urw'ikirago, agwa ahitwa Nola, aho yari yagiye ngo ahabonere umutuzo kandi ngo ubuzima bwe bugubwe neza.

UMURONGO WA 21 "Bukeye mu cyimbo cye hazahaguruka umuntu w'insuzugurwa adahawe icyubahiro cy'ubwami, ariko azaza mu gihe cyo kwirara, aziheshe igihugu kwihakirizwa kwe. 22 Ingabo zizatamba imbere ye nk'umwuzure zimenagurike, ndetse n'umutware w'isezerano na we ni uko.

Tiberiyusi Akuraho Umutware w'Isezerano. Kayisari Tiberiyusi ni we wakurikiye Awugusito ku ngoma y'Abaroma. Yazamuwe mu ntera kugera ku rwego kwo kuba umwami afite imyaka 29 y'ubukuru. Byanditswe ko mu gihe Awugusito yendaga gushyiraho uzamusimbura, umugore we Livia yamwinginze ngo ashyireho Tibeliyusi, umwana uwo mugore yari yarabyaranye n'umugabo we wa mbere. Ariko umwami yaravuze ati: "Umwana wawe ni umunyamico mibi ku buryo adakwiriye kwambara umwambara w'umuhengeri wa Roma. Aho kugenza atyo, yashyizeho Agrippa, umwengehugu wari umunyamico myiza kandi akubahwa n'abantu. Nyamara ubuhanuzi bwari bwarabonye mbere hose ko umuntu w'umunyamico mibi azasimbura Awugusito. Agrippa yaje gupfa; maze Awugusto na none yongera gusanga ari ngombwa guhitamo uzamusimbura. Liviya yongera kuvugurura ukuvugira Tiberiyusi kwe, kandi kubera ko Awugusto yari amaze kugira integenke zitewe no gusaza ndetse n'indwara, byari byoroshye kumushyeshyenga, kandi ku iherezo yaje kwemera gushyiraho wa musore "w'imico mibi" ngo bafatanye kuyobora kandi azanamusimbura. Nyamara abenegihugu ntibigeze bamukunda, cyangwa ngo bamwubahe, nta n'ubwo bigeze bamuha icyubahiro cy'ubwami gikwiriye umwami w'umunyamicomyiza kandi w'indahemuka.

⁹⁸ *Ibid.*, Vol. X, pp. 96, 97.

Mbega uburyo amagambo avugwa ko batari kumuha icyubahiro cy'ubwami yasohoye mu buryo bugaragara! Ariko yagombaga gutangira umurimo we mu mahoro, maze agashyikira ubutegetsu akoresheje kwihakirizwa. Igika kimwe cyo mu Nkoranyamagambo y'Abanyamerika cyerekana uburyo ibi bintu byasohoye:

"Mu gihe cyari gisigaye cy'ubuzima bwa Awugusito, Tiberiyusi yitwaye mu buryo bwerekana ubushishozi n'ubushobozi, arangiza intambara yari iri hagati ye n'Abadage mu buryo bwerekanaga ko intsinzi yari ayikwiriye. Nyuma yo gutsinda Varus n'ingabo ze, yongeye gutumwa kuja kureba iby'Abadage b'abaneshi bari bamaze kugeraho, kandi muri icyo ntambara ayitwaramo neza ndetse afite ubushishozi bwinshi. Igihe cy'urupfu rwa Awugusto (mu mwaka wa 14 N.K.), amusimbura ku ngoma ntawe ubirwanyije, ahinduka umwami mukuru muri ubwo bwami; nubwo yaje gutuma bucika integere bitewe n'imico ye yo kwiyoberanya, kugeza igihe ahendahendewe inshuro nyinshi n'inteko nkuru kubireka.

Kwiyoberanya kwe, kwihakirizwa ku nteko nkuru ishingira amategeko, no guhabwa ubwami hatabayeho kumurwanya ni byo byaranze ugushyirwa ku ngoma kwe, bityo amagambo y'ubuhanuzi arasohora.

Umuntu uri kuvugwa ni uwitwa "umuntu w'imico mibi." Mbese icyo mico Tiberiyusi yari ayifite koko? Nimureke iki gika cyo mu nkoranyamagambo y'Abanyamerika cyongere gisubize:

"Tacitus yandika ibyabaye kuri icyo ngoma, harimo urupfu rudasobanutse rwa Germanicus, uwari umutegetsu wangwa urunuka wa Sejanus, ukurogwa kwa Drusus, n'urundi ruvange rudasanze rwo gukandamiza abantu rwabaga rusa n'ururimo ubwenge no gutegurwa neza byose bikaba byaranze imyitwarire ya Tiberiyusi kugeza igihe yagiriye mu kiruhuko cyuzuye ibibi n'imyitwarire idahwitse mu mwaka wa 26 N.K. ku kirwa cya Kapure (Capreae) mu kigobe cya Naples, maze ntiyigera agaruka i Roma. Igihe kindi gisigaye cy'ubutegetsu bw'uyu munyagitugu cyaranzwe n'inkuru ziteye ishozi zo kwihakirizwa ngo abantu bagushime mu ruhande rumwe, n'ubwicanyi bukabije ku rundi ruhande. Kuba na we ubwe yaragezweho n'ubuzima bubabaje nk'uko na we yagiye atera abandi guhura nabwo, biragaragara cyane ushingiye kuri iyi ntangiriro ya rumwe mu nzandiko yandikiye inama nkuru ishingira amategeko agira ati: 'Icyo nabandikira mwebwe babyeyi b'abagabo mwahamagariwe kuba abasirikari, cyangwa se icyo ntabandikira, cyangwa se impamvu ntari nkwiye kubandikira, imana z'ingabo n'imana z'ingore zizanteze ibyago kurusha uko zibinkorera umunsi ku munsi muri iki gihe, niba nabivugaga ntya.' Ahereye kuri aya magambo Tacitus yaratangaye ati: 'Mbega agashinyaguro ko mu mutima kari kuzuye muri aya magambo yivugiyemo n'akanwa ke!'

Gutegekesha igitugu, uburyarya, kwiyandarika no kunywa ibiyobyabwenge ubudatuza—niba iyi mico n'imigenzereze yerekana ko umuntu ari umunyamico mibi, Tiberiyusi yerekanye ku buryo nyabwo icyo mico.

UMURONGO WA 22 Ingabo zizatamba imbere ye nk'umwuzure zimenagurike, ndetse n'umutware w'isezerano na we ni uko.

Tomasi Newton atugezaho aya magambo yasobanuwe mu buryo bwiza avanywe mu nyandiko y'umwimerere agira ati: "Amaboko y'uwahiritse abandi na yo azahirimira imbere ye; kandi azavunagurika."⁹⁹ Ibi bisobanura imyivumbagatanyo n'urugomo; kandi igihe tureba ibyo gusohora kw'ibi, dukwiriye kureba amaboko ya Tiberiyo, uwahiritse abandi na we wagombaga guhirikwa, cyangwa se mu yandi magambo, na we yagombaga kugerwaho n'urupfu rutunguranye. Kugira ngo twerekane uburyo ibyo byasohoye, mureke twongere dusome mu nkoranyamagambo y'Abanyamerika:

"Yakoze iby'uburyarya kugeza ku iherezo, yahishe ubugoryi bwe bwagendaga bwiyongera uko ashoboye kose, bigeza n'ubwo aya mu myitozo ngororamubiri n'imyimenyerezo by'abasirikari bari bashinzwe kumurinda. Kera kabaye, yavuye ku kirwa yari atuyeho, igikorwa cy'urukozasoni kirenze ibindi byose, ahagarara ku nzu yari mu giturage hafi y'agasozi karekare kinjira mu Nyanja kitwa Micenum, afatwa no gutentebuka no kubura intege, baza kumusanga aho yapfuye. Igihe bumvaga iyo nkuru itunguranye ikabaca umugongo, Caligula we yarimo ategura abo kumuherekeza kugira ngo ajye gufata ubutegetsu. Igihe iki kintu gikomeye cyari kibaye, Macro wari umutegetsu wo muri ako karere, yatumye ahera umwuka abujijwe guhumeka n'imisego yari yiseguye. Uko ni ko Umwami Tiberiyusi yarangije ubuzima bwe, agapfa afite imyaka 78 y'ubukuru, ku mwaka wa 23 wo ku ngoma ye, apfa atifuzwa na bose."¹⁰⁰

Nyuma yo kutujyana akatugeza ku rupfu rwa Tiberiyusi, noneho umuhanuzi avuga ikintu kigomba kubaho mu gihe cy'ubwami bwe, icyo kintu kikaba ari ingenzi ku buryo kidakwiriye kurenzwa amaso. Ni ugukurwaho k'"Umutware w'isezerano" cyangwa se urupfu rw'Umwami wacu Yesu Kristo, "Mesiya Umutware," uwagombaga kugirana isezerano n'ubwoko bwe hagati mu cyumweru. (Daniyeli 9: 25-27).

Dukurikije Ibyanditswe Byera, urupfu rwa Kristo rwabayeho mu gihe cy'ubwami bwa Tiberiyusi. Luka atubwira ko mu mwaka wa 15 wo ku ngoma ya Kayisari Tiberiyo (Tiberiyusi), Yohana umubatiza yatangiye umurimo we. (Luka 3: 1-3). Dukurikije ibyo Prideaux avuga,¹⁰¹ Dr Hales,¹⁰² kimwe n'abandi, dukwiriye gufata ko ubwami bwa Tiberiyo (Tiberiyusi) bwabayeho uherye igihe yashyirwaga ku nteke ya cyami agatangira gutegeka afatanyije na Awugusto wari umugabo wa nyina mu kwezi kwa Kanama umwaka wa 12 N.K. Kubw'ibyo rero, umwaka we wa 15 ugomba kuba uhera muri Kanama umwaka wa 26 N.K ukageza muri Kanama

⁹⁹ Thomas Newton, *Dissertation on The Prophecies*, Vol. I, p. 363.

¹⁰⁰ *Encyclopedia Americana*, 1849 ed., Vol. XII, pp. 251, 252 art. "Tiberius."

¹⁰¹ Humphrey Prideaux, *The Old and New Testament Connected in the History of the Jews*. Vol. II, p. 423.

¹⁰² William Hales, *A New Analysis of Chronology*, Vol. III, p. 1.

umwaka wa 27 N.K., Yohana yarutaga Kristo ho amezi atandatu, kandi bitekerezwa yuko yatangiye umurimo nyuma y'amezi atandatu nyuma y'uko Yohana atangiye we; bese bakurikije itegeko rigenga umurimo w'ubutambyi ryo gutangira umurimo wabo igihe bujuje imyaka 30 y'ubukuru. Niba Yohana yaratangiye mu gihe cy'itumba mu mugabane ushize w'umwaka wa 15 wo ku ngoma ya Tiberiyo, byaba bivuze yuko Kristo yatangiye umurimo mu muhindo wo mu mwaka wa 27 N.K. Aha ni ho bamwe mu banditsi bakomeye kurusha abandi bashyira umubatizo wa Kristo; aho akaba ari na ho imyaka 483 irangirira uheryeye mu mwaka wa 457 M.K., iyagombaga kugenda ikagera kuri Mesiya umutware. icyo gihe ni bwo Kristo yatangiye kugenda abwira abantu ko igihe gisohoye. Iyo uheryeye kuri uwo mwaka ukagenda ukagera ku myaka itanu n'igice, ubona igihe Kristo yabambiye, kubera ko yabashije kujya muri Pasika enye gusa, kandi akaba yarabambwe mu gihe cya Pasika ya nyuma muri izo enye. Iyo ubaze imyaka itatu n'igice uheryeye mu mwaka wa 27 N.K. mu muhindo iratujyana ikatugeza mu gihe cy'itumba ryo mu mwaka wa 31 N.K. Urupfu rwa Tiberiyo rwabaye mu myaka itandatu yakurikiye ukubambwa kwa Kristo, ubwo ni mu mwaka wa 37 N.K. (Reba ubusobanuro bwa Daniyeli 9:25-27).

UMURONGO WA 23 Kandi nibamara gusezerana na we azamuriganya, kuko azaza yihinduye umunyambaraga nubwo azaba afite abantu bake.

Roma Igirana Amasezerano n'Abayuda.—Na “we” uvugwa ahangaha, uwagiranye nabo amasezerano, agomba kuba ari bwa bubasha, bwa bundi bwavuzwe n'ubuhanuzi uheryeye ku murongo wa 14, ari bwo bwami bw'Abaroma. Ukuri kw'ibi bintu kwagaragariye mu gusohora k'ubuhanuzi binyuze mu bami batatu bakurikiranye ku ngoma—abo ni Kayisari Yuliyusi, Kayisari Awugusto na Kayisari Tiberiyo.

Noneho ubwo umuhanuzi amaze kutunyuzwa mu byabaye mu gihe cy'ubutegetsi bw'ingoma y'Abaroma akatugeza ku iherezo ry'ibyumweru 70 biboneka muri Daniyeli 9:24, atugarura inyuma igihe Abaroma bahuye ku buryo butaziguye n'Ubwoko bw'Imana mu mwaka wa 161 M.K. Uheryeye muri uyu mwaka ugakomeza, dukurikira umurongo uromboreye w'ibintu bigenda biba mu mateka ukagera ku kunesha guheruka kw'itorero, no kwimikwa k'ubwami bw'Imana buhoraho. Igihe Abayuda batotezwaga n'abami ba Siriya mu buryo buteye agahinda, bohereje intumwa zibahagarariye i Roma babasaba kugirana “amasezerano y'ubucuti no gukorera hamwe na bo.”¹⁰³ Abaroma bumvise icyifuzo cy'Abayuda, nuko babemerera gushyiraho iri tegeko rikubiye mu magambo akurikira:

“Itegeko ry'Inama nkuru ishingira amategeko ryerekeranye no gutabarana n'ubucuti tugiranye n'ishyamba ry'Abayuda. Ntabwo ari ikintu kizaba cyemewe n'amategeko nihagira umuntu wese wo mu bwami bw'Abaroma urwanya ishyamba ry'Abayuda, cyangwa se agatera inkunga ababarwanya

¹⁰³ See Maccabees 8; Humphrey Prideaux, *The Old and New Testament Connected in the History of the Jews*. Vol. II, p. 166.

binyuze mu kuboherereza ibyo kurya, cyangwa amato, cyangwa amafaranga; kandi nihagira igitero kigabwa ku Bayuda, Abaroma bazabatabara igihe cyose bizaba bibashobokeye; na none kandi, nihagira igitero kigabwa ku bwami bw'Abaroma, Abayuda bazabatabara. Kandi na none Abayuda nibagira igitekerezo cyo kugira icyo bongera kuri aya masezerano yo gutabarana cyangwa se kugabanyaho, ibyo bizakorwa hakurikijwe ubwumvikane rusange bw'Abaroma. Kandi ikintu icyo ari cyo cyose gishobora kongerwaho, bizakorwa muri ubu buryo kandi bishyirwe mu bikorwa. Iri tegeko "ryanditswe na Eupolemus, umuhungu wa Yohana, rihagarikiwe na Yasoni umuhungu wa Eleyezari, igihe Yuda yari umutambyi mukuru w'ishyamba, na Simoni mwene se ari umujenerali mukuru uyoboye ingabo. Kandi aya ni yo yabaye amasezerano ya mbere Abaroma bagiranye n'Abayuda, kandi yashyizwe mu bikorwa hakurikijwe ubu buryo."¹⁰⁴

Muri icyo gihe, Abaroma bari bakiri ubwoko nyamuke, nuko batangira gukora mu buryo bw'ubucakura, cyangwa nk'inyaryenge, nyine nk'uko iryo jambo risobanura. Nyamara guhera icyo gihe, bazamutse mu buryo buhamye kandi bwihuse kugeza ubwo bagize imbaraga nyinshi cyane.

UMURONGO WA 24 Mu minsi yo kwirara azatera ahantu harumbuka hose ho mu gihugu, akore ibyo ba sekuru na ba sekuruza batigeze gukora, agabanye abantu be imicuzo n'iminyago n'ubutunzi, ndetse azamara igihe gito yigiriye inama yo gutera ibihome byaho bikomeye.

Mbere y'iminsi ya Roma, amahanga yashozaga intambara kugira ngo abashe kugera mu ntara zifite agaciro ndetse zikagira n'ubukungu. Noneho ubu ngubu Roma yagombaga gukora ibitari byarakozwe na ba se bababyara ndetse ntibikorwe na ba sekuru, by'umwihariko byari ugukoresha uburyo bw'amahoro kugira ngo bagere ku byo bashaka. Noneho hatangijwe itegeko ry'uko umwami ahereza Abaroma ubwami yayoboraga akabubaha nk'umurage abageneye. Roma yagize intara zagutse cyane binyuze muri ubu buryo. Abayobowe n'ubutegetsu bwa Roma binyuze muri ubu buryo, nta mahirwe na make babuzwaga. Bafatwaga neza kandi bakoroherezwa. Byasaga n'aho babaga bafite imicuzo ndetse n'iminyago mu biganza byabo. Barindwaga abanzi babo ngo batabagirira nabi, maze bakaruhuka mu mahoro n'umutekano bari muni y'uburinzi n'ubufasha bw'ubwami bw'Abaroma.

Umugabane wa kabiri w'uyu murongo, Tomas Newton agira icyo awuvugaho ku byerekeye no kugirira inama mu bihome aho kugira inama zo gutera ibihome. Ibyo Abaroma babikoreye mu bihome bikomeye by'umujiy wabo wubatse ku misozi irindwi. "Azamara igihe gito", nta gushidikanya ko ibi birengurira ku gihe cya gihanuzi cy'imyaka 360. Mbese iyi myaka dukwiriye kuyibara duherereye ryari? Ahari twahera ku kintu cyabaye tubona mu murongo ukurikira.

¹⁰⁴ Flavius Josephus, "Antiquities of the Jews," book 12, chap. 10, sec. 6, *Works of Flavius Josephus*, p. 374.

UMURONGO WA 25 “Maze namara kwiyingura amaboko n’ubushizi bw’amanga, azatera umwami w’ikusi atabaranye n’ingabo nyinshi. Nuko umwami w’ikusi azarwana intambara afite ingabo nyinshi zikomeye cyane, ariko ntazashikama kuko bazamugambanira.

Roma Ihangana n’Umwami w’Amajyepfo.—Ahabanza ku murongo wa 23 n’uwa 24, twabonye uruhande rw’uko Abayuda bagiranye amasezerano y’ubufatanye n’Abaroma mu mwaka wa 161 M.K., igihe yari imaze kubona ubutware bwo gutegeka isi. Umurongo noneho dufite ubungubu, uratweruka igitero gikomeye cyagabwe ku mwami w’amajyepfo, ari yo Egipta, n’urugamba rukomeye rwabaye hagati y’ingabo zikomeye. Mbese ibintu nk’ibi byaba byarigeze kibaho mu mateka y’Abaroma muri kiriya gihe?—Yego, byarabaye. Iyo ntambara ni intambara yabaye hagati ya Egipta na Roma, kandi urwo rugamba rwari urugamba rwabereye ahitwa Actium [Ubusobanuro bw’inkoranyamagambo buvuga ko aha ari ahantu ho mu Bugiriki bwa kera, aho Octavian (umuhungu wa Kayizari Awugusto) yatsindiye mu ntambara Mariko Antony na Kelewopatra.]. Nimureke dusuzume gato ibintu byabayeho bigatuma aya makimbirane abaho.

Mariko Antony, Kayisari Awugusto na Lepidus bakoze icyo bise ubutegetsi bwa batatu, barahirira ko bazahora uwishe Kayisari Awugusto. Antony aza kuba muramu wa Awugusto binyuze mu gushyingiranwa na mushiki we witwaga Okitaviya (Octavia). Antony yoherezwa muri Egipta gukorera imirimo y’igihugu cye, nyamara agwa mu mutego wo gukundana na Kelewopatra, umwamikazi wa Egipta wari ufite imyifatire irangwa n’ubusambanyi. Yaramukunze cyane ku buryo yahisemo kwita ku nyungu za Egipta, ata umugore we Okitaviya kugira ngo ashimishe Kelewopatra, maze agenda amuha intara ejo akamuha indi bityo bityo. Yizihiriza intsinzi muri Alegizandriya aho kuyizihiriza i Roma, mu yandi magambo biba nk’ubushotoranyi bukomereye agiriye abaturage ba Roma ku buryo Awugusto bitamugoye gutegeka intambara ngo aje kurwanya Egipta abishyizeho umutima we wose. Iyi ntambara byasaga n’aho igendereye Egipta na Kelewopatra, ariko mu by’ukuri yari igendereye Antony wari umuyobozi mukuru w’imirimo y’ubutegetsi bwa Egipta muri icyo gihe. Prideaux avuga ko impamvu nyakuri y’uko guhangana kwabo, yari uko nta numwe muri bo wari unyuzwe no gutegeka Roma mu buryo bw’igice. Lepidus yari yakuwe muri icyo kintu cyari kizwi nk’ubutegetsi bwa batatu, noneho ubutegetsi bwari bufitwe n’abo bantu bandi babiri. Buri wese yari yiyemeje kwigarurira ubwami bwose, nuko bagambirira kubugira byanze bikunze.

Mariko Antoni yateranyirije amato ye y’intambara ahitwa Samos. Amato y’intambara yari akoze mu buryo budasanzwe kandi afite ingano idasanzwe, afite amabaraza menshi n’amagorofa ku muremo no ku bwerekeza by’ubwato ku buryo kuyareba wabonaga atangaje kandi ateye ubwoba. Ayo mato yatwaraga abasirikari bagera ku bihumbi 125. Abami b’ibihugu bya Libiya, Cilicia, Kapadokiya (Cappadocia), Paphlagonia,

Comagena na Thrace bari bari aho hantu ubwabo; ndetse abami ba Ponto, Yudaya, Lycaonia, Galatiya na Media bari bohereje ingabo zivuye mu bihugu byabo. Izindi ngabo zirushije ayo mato y'intambara kuba zitangaje, zirenze izo isi yigeze igira, na zo zarambuye imyenda yerekeza amato, zerekeje amato yazo imuhengeri w'inyanja. Ubundi bwato bwari butangaje kandi burushijeho kuba bunini ni ubwa Kelewopatra bwagendaga nk'aho ari ingoro ya cyami igendera munsu y'igicu cy'inyenda y'imuhengeri. Amabendera yari ari kuri ubwo bwato n'imitako yabwo byagaragaraga mu kirere, noneho amakondera n'amajwi y'ibindi byuma by'umuziki utangaza intambara byirangiraga mu birere by'ijuru nk'amajwi y'ibyishimo byo kunesha. Antony yaje inyuma gato akurikiye ubwo bwato na we ari mu bwato bujya kunganya n'ubwo ubunini n'ubwiza.

Ku rundi ruhande, ntabwo Awugusto yagaragaje inyuma ibijyanye n'igitinyiro, ahubwo yari yateguye neza ingabo n'ibikoreshe. Yari afite nka kimwe cya kabiri cy'amato Antony yari afite, n'ingabo ibihumbi 80 gusa. Ariko ingabo ze zose zigenza amaguru zari zigizwe n'abantu b'indobanure, kandi ingabo ze zirwanira mu mazi, zari abantu bafite inararibonye mu by'amazi; mu gihe Antony we, kubwo kutabona abasirikari barwanira mu mazi bahagije, yari yahatiwe kuzuza amato ye abakozi basanzwe b'abanyamyuga bo mu ngeri zose, abantu badafite inararibonye kandi bajyaga guteza akaga bitangaje kurenza ko bari gukora umurimo nyakuri mu gihe cy'urugamba. Igihe cyo kwitegura kirangiye, Awugusto yatabariye ahitwa Brundisium, maze Antony na we agerereza ahitwa Corcyra, barahaguma kugeza mu mwaka wakurikiyeho.

Mu gihe cy'itumba ryakurikiyeho, ingabo zo mu mpande zombi zatangiye gusatirana haba ku butaka ndetse no mu mazi. Kera kabaye, amato y'intambara aza gusakiranira mu Kigobe cya Ambracia cya Epirus, n'ingabo zirwanira ku maguru zihurira ku yindi nkombe y'inyanja aho barebana. Abasirikari bakomeye ba Antony bari bamenyerereye intambara bamugiriye inama yo kudapfa kwishora mu rugamba rwo mu mazi akoresheje ingabo ze zo mu mazi zidafite ubunararibonye, no kohereza Kelewopatra agasubira muri Egipta, na we akihutira kuja muri Thrace na Makedoniya agasanga ingabo zirwanira ku butaka akaba ari zo ashinga ikibazo kuko zo zari zigizwe n'abantu bamaze igihe mu ntambara. Ariko kugira ngo ibivugwa mu mugani wa kera ngo "Uwo Imana ishaka kurimbura irabanza ikamugira umusazi." (*Quem Deus perdere vult, prius dementat*), kandi kubwo gutwarwa ubwenge na Kelewopatra, yasaga n'aho yifuza gusa kumushimisha; mu gihe na Kelewopatra ubwe wirangiraga ubwiza bwe gusa, yashyiraga igihu mu maso y'ingabo ze akazibwira ko zitatsindwa; nuko azibwira ko zihita zitangira imirwano.

Urugamba rwabaye ku italiki ya 2 Nzeri mu mwaka wa 31 M.K. mu bwinjira bw'ikigobe cya Ambracia, hafi y'umujyi wa Actium. Isi yose yari ihanze amaso aba bagabo b'abanyentambara ari bo Antony na Awugusto. Intambara yaratangiye, kandi nta gushidikanya ko yaje kurangizwa n'igikorwa Kelewopatra yakoze. Amaze gutwara ubwoba n'urusaku rwo ku

rugamba, yarahunze kandi nta kaga kariho, maze akurikirwa n'ingabo z'Abanyegiputa ziri mu mato agera kuri 60. Antony abonye ayo mato agiye, mu kwiyezwa guhomba byose uretse Kelewopatra wari waramuhumye amaso, yihutiye kumukurikira, bituma aha Awugusto intsinzi; kandi iyo ingabo z'Abanyegiputa ziza kuba indahemuka kuri we, na we akaba umugabo, yashoboraga gutsinda urwo rugamba.

Nta gushidikanya uru rugamba ni rwo rugaragaza intangiriro y'igihe kivugwa mu murongo wa 24. Kubera ko muri kiriya "gihe" inama zakorerwaga mu bihome, cyangwa i Roma, dukwiriye kwanzura yuko ku iherezo rya kiriya gihe ubutware buheranije bw'ibihugu by'uburengerazuba bwagombaga kurangira, cyangwa se mu bwami hakabaho impinduka ku buryo uwo mujiye utajyaga gukomeza kuba icyicaro cy'ubutegetsi bwa Leta. Uhereye mu mwaka wa 31 M.K., "igihe" cya gihanuzi cyangwa se imyaka 360 yatujyana ikatugeza mu mwaka wa 330. Bityo rero, kuba muri uwo mwaka Konsitantino Ukomeye yarimuye icyicaro cy'ubutegetsi bw'ubwami akakivana i Roma kikajya i Konstantinople, ni ikimenyetso cyo kwitabwaho.¹⁰⁵

UMURONGO WA 26 Ndetse abazaba batunzwe na we ni bo bazamurimbura, ingabo ze zizangara kandi abenshi muri bo bazicwa.

Antony yatereranywe n'abari bifatanyije na we ndetse n'inshuti ze, ba bandi "bari batunzwe na we." Nk'uko byavuzwe mbere, Kelewopatra yahise ava ku rugamba, ajyana n'amato 60 yari kumwe na we ku rugamba. Ingabo zarwaniraga ku maguru zimaze guterwa umujinya n'ukuntu Antony yatwawe umutima na Kelewopatra, basanze Awugusto na we abakira n'amaboko yombi. Igihe Antony yari ageze muri Libiya, yasanze ingabo yari yarahasize ziyobowe na Scarpus ngo zirinde umupaka zararangije gutangaza ko ziyeguriye gufatanya na Awugusto, ndetse no muri Egiputa ingabo zari zarishyize mu maboko y'uwo zarwanaga na we. Antony agize uburakari bwinshi kandi ahagaritse umutima, yahise yiyahura.

UMURONGO WA 27 Abo bami bombi imitima yabo izaba iyo gukora ibyaha, bazajya babeshyana bari ku meza amwe ariko imigambi yabo ntizuzura, kuko imperuka izaza mu gihe cyategetswe.

Antony na Awugusto bari barabanje kugirana amasezerano. Nyamara nubwo bari bitwikiriye umwambaro w'ubucuti, bombi bari bararikiye kandi baharanira kuyobora isi. Guhamisha iminwa yabo ko bari inshuti, byari amagambo y'uburyarya. Babeshyanaga bari ku meza amwe. Okitaviya umugore wa Antony akaba na mushiki wa Awugusto, yari yarabwiye abantu b'i Roma ko Antony yamutaye, kandi ko yari yaremeye gushyingiranwa na we yiringiye gusa ko byari kuba ikimenyetso cy'ubumwe bwari hagati ya Antony na Awugusto. Nyamara iyo nama ntiyagezweho. Gucikamo ibice kwaraje, kandi mu ntambara yaje kubaho, Awugusto yatsinze urugamba.

¹⁰⁵ See *Encyclopedia Britannica*, 11th edition, Vol. VII, p. 3, art., "Constantinople".

UMURONGO WA 28 Nyuma azasubirana mu gihugu cy'e ubutunzi bwinshi, kandi umutima we uzaba wanganye n'isezerano ryera, azahakorera nk'uko yishakiye maze asubire mu gihugu cy'e.

Ukugaruka inshuro ebyiri avuye gutsinda amahanga kuvugwaho hano. Ukwa mbere kwabayeho nyuma y'ibyabaye bivugwa mu murongo wa 26 n'uwa 27; hanyuma ukwa kabiri kubaho nyuma y'uko ubu bubasha bwanze isezerano ryera, kandi buhakorera ibyo bwishakiye. Ukwa mbere kwasohoye igihe Awugusto yari agarutse avuye mu gitero yari yagabye kuri Egipta na Antony. Yageze i Roma afite ubutunzi bwinshi n'icyubahiro gikomeye, kubera ko "icyo gihe ubutunzi bwinshi nk'ubwo bwazanywe i Roma buvanywe muri Egipta igihe igihugu cyari kimaze gufatwa, kandi guhindukira kwa Okitaviyanusi [Awugusto] n'ingabo ze bavuye iyo ngiyo, ku buryo agaciro k'amafaranga kagabanutse kugera kuri kimwe cya kabiri, kandi ibiciro by'ibiribwa n'ibindi bicuruzwa byose byari byikubye kabiri."¹⁰⁶

Awugusto Yakoze Ibirori by'Iminsi Itatu Yishimira Intsinzi—intsinzi Kelewopatra ubwe aba yarishimiye iyo nk'imwe mu mfungwa z'ibwami aza kuba atarakoresheje ubucakura bwe ngo yiteze inzoka y'ubumara yamurumye bikamuviramo urupfu.

Roma Irimbura Yerusalemu.—Undi murimo Roma yatangiye imaze guhirika Egipta, wabaye uwo kugaba igitero kuri Yerusalemu ndetse no kuyifata. Isezerano ryera, nta gushidikanya ni isezerano Imana yakomeje hagati yayo n'ubwoko bwayo binyuze mu buryo butandukanye ndetse mu bihe bitandukanye byabayeho ku isi. Abayuda banze Kristo, kandi dukurikije uko ubuhanuzi bwari bwaravuze ko abatari kumva uwo Muhanuzi bose bari gucibwa, bararimbuwe koko bakurwa mu gihugu cyabo ndetse batatanirizwa mu mahanga yose ari muni y'ijuru. Nubwo Abayahudi kimwe n'Abakristo bahuye n'ikiganza kibatoteza cy'Abaroma, nta gushidikanya ko cyari kigambiriye kwigarurira Yudaya, kikaba cyari kigamiye by'umwihariko kuhakorera ibyo cyishakiye nk'uko byari byarerekanywe mu nyandiko zera.

Mu gihe cy'umwami Vesipasiyani, Abaroma bateye Yudaya maze bafata imijyi ya Galilaya, Korazini, Betsayida na Kaperinawumu, aho bangiye Kristo. Bishe abari bahatuye, ntibagira ikindi bahasiga uretse amatongo n'umusaka. Titusi yagose Yerusalemu maze acukura umwobo ahazengurutse umurwa hose, hakurikijwe ubuhanuzi Umukiza yari yaravuze. Inzara ikomeye yarateye. Mose yari yarahanuye ko ibyago bikomeye byajyaga kugera ku Bayuda igihe cyose bari kuba bavuye ku Mana. Byari byarahanuwe ko n'umugore ugirira umwana we ibambe kandi akamukunda yari kurya abana be igihe yari kuba ari mu mpatanwa zitewe no kugotwa. (Gutegeka kwa kabiri 28:52-55). Mu gihe Yerusalemu yari igoswe na Titusi, ibyari byarahanuwe byasohoye ijamba ku ijamba hatabuze na kimwe. Yumvise ibikorwa bya kinyamaswa byari biri gukorwa, nyamara yari yibagiwe ko ari

¹⁰⁶ Humphrey Prideaux, *The Old and New Testament Connected in the History of the Jews*. Vol. II, p. 380.

we wari wateye abantu gukora ibintu nk'ibyo biteye ubwoba, yarahiye kurimbura ubwo bwoko yavugaga ko bwavumwe ndetse n'umurwa wabo akabumaraho.

Yerusalemu yarimbutse mu mwaka wa 70 N.K. Kubwo kwishakira icyubahiro, uwo mugaba w'ingabo w'Umuroma yari yiyemeje kurokora urusengero, nyamara Umwami yari yaravuze ati: "Nta buye rizasigara rigeretse ku rindi ritajugunywe hasi." (Matayo 24:2). Umusirikari w'Umuroma yafashe ifumba y'umuriro, yuririra ku bitugu bya bagenzi be, ayijugunya mu idirishya rimwe ryo madirishya y'iyi nyubako nziza. Bidatinze yatangiye kugurumana, kandi imbaraga nyinshi Abayuda bakoresheje ngo bazimye ibyo birimi by'umuriro wongeyeho n'iza Titusi ubwe zabaye imfabusa. Abonye ko urusengero rwari rugiyeye gukongoka, Titusi yiroshyemo maze akuramo igitereko cy'amatabaza cyari gikoze mu izahabu, akuramo n'ameza y'imitsima yo kumurikwa, n'igitabo cy'amategako, abizingazingira mu kintu kimeze nk'igitambaro cyari gikozwe mu izahabu. Nyuma yaho icyo gitereko cy'amatabaza cyaje gushyirwa mu rusengero rw'Amahoro rwitiriwe Vespasiyani, bakora n'ikindi gitereko bakurikije ishusho y'icyo ngicyo bagishyira mu nyubako y'ikimenyetso cyo gutsinda kwa Titusi, aho ushobora kubona ishusho yacyo yangiritse na bugingo n'ubu.

Kugotwa kwaYerusalemu byamaze amezi atanu. Muri icyo gihe cyo kugotwa, ibihumbi 120 by'Abayuda byarahatikiriyeye, noneho ibihumbi 97 bajyanwa ari imbohe. Umujyi wari ukomeye mu buryo butangaje ku buryo igihe Titusi yawubonaga ari amatongo na we yatangaye akavuga ati: "Twarwanye intambara dufashijwe n'Imana." Uwo mujyi washyizwe ku butaka rwose kandi umusingi w'urusengero wacukuwe n'abo bitaga Abatarentiyusi Rufus. Igihe iyo ntambara yamaze cyanganaga n'imyaka irindwi kandi bivugwa ko abantu hafi miliyoni n'igice bagezweho n'ingaruka zishishana z'iyi ntambara.

Muri ubwo buryo rero, ubwo bubasha bwakoze uko bwishakiye, maze burongera bwisubirira mu gihugu cyabwo.

UMURONGO WA 29 "Nuko mu minsi yategetswe azasubira gutera ikusi, ariko muri iyo ntambara yo hanyuma ntibizamera nk'ubwa mbere.

Iminsi yategetswe ishobora kuba ari igihe cya gihanuzi kivugwa mu murongo wa 24 twarangije kuvugaho. Cyarangiye mu mwaka wa 330 N.K. nk'uko twabyerekanye, ari na cyo gihe ubu bubasha bwagombaga guhindukira bukajya mu majyepfo, ariko ntibibugendekere nk'ubwa mbere igihe bwajyaga muri Egiputa, ndetse ntibinagende nk'uko byari byegenze igihe bwari buherutse kujya muri Yudaya. Ibyo byari ibitero byagiye bikurikirwa n'intsinzi ndetse no guhabwa icyubahiro. Iyi nshuro yo yatumye habaho gucika intege no kurimbuka. Kwimura icyiraro cy'ubwami kikajya i Constantinople cyari ikimenyetso cyo kugwa k'ubwami. Icyo gihe Roma yatakaje ishema ryayo. Kwigabanyaho k'ubwami bw'iburengerazuba

kwatumye ubwami bwari bugiye kuja buterwa n'ibitero by'abanzi baturutse hanze y'ubwo bwami. Igihe cy'urupfu rwa Konstantino, ubwami bwa Roma bwagabanyijwe abana be batatu b'abahungu ari bo Konstantiyusi, Konstantino wa II na Konstansi. Konstantiyusi na Konstantino wa II bagiranye intonganya, maze Konstansi aba ari we wegukana intsinzi, bityo ahinduka umwami w'Uburengerazuba bwose. Bidatinze Ababarubare bo mu majyaruguru y'ubwo bwami batangira kubugabaho ibitero kandi bagenda babutsinda kugeza igihe ububasha bw'ubwami bw'uburengerazuba bwarangiriye mu mwaka wa 476 Nyuma ya Kristo.

UMURONGO WA 30 kuko inkuge z'i Kitimu zizamutera zikamurwanya, bizatuma agira ubwoba asubireyo arakariye isezerano ryera, kandi azakora uko ashatse. "Ni koko azasubiraye yitaye ku baretse isezerano ryera.

Roma Isahurwa n'Ababarubaro.—Inkuru ya gihanuzi iracyakomeza kuvuga ku bubasha bwakomeje kwitabwaho mu buhanuzi uhayeze ku murongo wa 16; ari bwo Roma mu buryo bw'umwihariko. Mbese amato y'i Shitimu yaje kurwanya ubwo bubasha ni ayahe, kandi yaje ryari? Mbese ni ikihe gihugu cyangwa ububasha Shitimu ihagarariye? Adamu Clarke afite icyo avuga ku magambo yanditswe muri Yesaya 23:1 ngo "Iyo nkuru babwiwe iturutse mu gihugu cy'i Kitimu." Agira ati "Amakuru avuga ibyo kurimbuka kwa Tiro irimbuwe na Nebukadinezari, bivugwa ko bari bayabwiwe aturutse i Shitimu, ibirwa n'ibihugu byo ku nkengero by'inanyanga ya Mediterane; kuko Jerome avuga ko 'igihe abaturage b'i Tiro bari bamaze kubona ko batagifite uburyo bwo gucika ngo bahunge, bahungiyeye mu mato yabo, maze bakerekereza mu gihugu cya Karitaje (Carthage) no mu birwa bya Ionian no mu Nyanja ya Aegea' ...Muri ubwo buryo Jarchi na we aturangira ku byerekeranye n'aho hantu."¹⁰⁷ Kitto¹⁰⁸ na we ahuzaga na we mu kuvuga ko Shitimu yari igizwe n'ibirwa byo mu nyanja ya Mediterane ndetse n'ibice by'inkengero zayo; ndetse ibitekerezo bitwarwa n'ubuhanga butangwa na Jerome avuga ku muji watangarirwaga ndetse utibeshyaho wari uri muri ako karere ari wo Karitaje (Carthage).

Mbese amato y'intambara yo mu mazi ya Karitaje yaba yarigeze kuba ishingiro ry'ibitero byagabwe ku bwami bwa Roma? Dutekereza ku gitero gikaze Abavandali bagabye ku butaka bwa Roma bayobowe na Genseric wari umeze nk'inyamaswa, maze tukaba twiteguye gusubiza yego. Buri gihe cy'itumba rya buri mwaka uko cyazaga, yashimishwaga no kuyobora ingabo ze zirwanira mu mazi zari zaratojwe neza, bagatsukira ku cyambu cya Karitaje, maze bakagenda bagateza akaga mu ntara zose za Roma zihareranye n'inanyanga. Kuba tumenye iby'iki gikorwa, byongera kuba impamo iyo twitaye ku hantu ubuhanuzi bumaze kutugeza muri uyu mwanya. Mu murongo wa 29, dusobanukirwa impamvu zo kwimurwa kw'icyicaro cy'ubutegetsi kikimurirwa i Constantinople. Mu gihe cyakurikiyeho mu myivumbagatanyo yamenyekanye cyane, Ababarubare

¹⁰⁷ Adam Clarke, *Commentary on the Old Testament*, Vol. IV, pp. 109, 110, note on Isaiah 23:1.
¹⁰⁸ See John Kitto, *Cyclopaedia of Biblical Literature*, art. "Chittim," p. 196.

basandaye mu gice cy'amajyaruguru y'ubwo bwami, kandi abari bari ku isonga muri ibyo bitero bari Abavandali twamaze kuvuga ahabanza. Genseric yakoze ibyo bikorwa bye guhera mu mwaka wa 428 kugeza mu mwaka wa 477.

"Azagira ubwoba asubireyo arakariye" bishobora gusanishwa n'imbaraga nyinshi cyane zakoreshejwe bwa mbere na Majorian, ku nshuro ya kabiri zigakoreshejwe na Papa Leo wa I bagira ngo bavane Genseric ku mwanya wo kuba igihangange ku kugenzura inyanja, nyamara bose bikabananira. Roma yaje guhatirwa kumanika amaboko no kwemera gukorwa n'isoni igihe yabonaga intara zayo ziyogozwa n'abanzi ndetse bagasahura "umurwa wabo wari umaze igihe kirekire". (Reba ubusobanuro bwatanze mu gitabo cy'Ibyahishuwe 8:8).

"Kurakarira isezerano ryera." Nta gushidikanya ibi birengurira ku kugerageza kurimbura isezerano ry'Imana binyuze mu kugaba igitero ku Byanditswe Byera, igitabo cy'Isezerano. Imbinduramatwara yo muri ubu buryo yakorewe i Roma. Abaheruli, Abavandali n'Abositrogoti bari batsinze Roma, bafashe ukwizera kw'Abariyani, maze bahinduka abanzi ba Kiliziya Gatulika. Kuba Yusitiniyani yaraciye iteka ry'uko Papa ari we muyobozi mukuru w'itorero kandi akaba ari we ukwiriye gukosora ibyerekeranye n'ubuyobe, umugambi nyamukuru yari afite wari uwo kurimbura abo yitaga abayobe. Bidatinze, Bibiliya yatangiye gutekerezwa nk'igitabo giteje akaga, ndetse ko kidakwiriye gusomwa na rubanda rusanze, ko ahubwo ibibazo byose byateza impaka bikwiriye gushyikirizwa papa. Uko ni ko igisuzuguriro cyashyizwe ku Ijambo ry'Imana.

Igihe umwanditsi w'amateka yagiraga icyo avuga ku byerekeye inyifato ya Kiliziya Gatulika ku birebana n'Ibyanditswe Byera, yaravuze ati:

"Umuntu yashoboraga gutekereza ko Itorero ry'i Roma ryajyanye abantu baryo ahantu kure bashobora kubonera umutekano wo kudahura n'Ibyanditswe Byera. Ryashyize umworera w'imihango hagati yabo n'Ijambo ry'Imana. Ryabajyanye kure cyane ribakura aho bashoboraga guhura n'akaga, binyuze mu kubaha umusobanuzi udashobora kwibeshya, uwari ufite inshingano yo gukora ku buryo Bibiliya itagira ikintu na kimwe ikora cyakomeretsa Roma. Nyamara, mbese nk'aho ibyo bitari bihagije, ryakoresheje imbaraga zaryo zose, kugira ngo Ibyanditswe Byera bitagira ishusho iyo ari yo yose yatuma bigera mu biganza by'abantu baryo. Mbere y'igihe cy'ubugorozi, ryagumishije Bibiliya mu rurimi rutagikoreshwa, kandi rishyiraho amategeko akarishye abuzanya kuyisoma. Ubugorozi bwamennye ibimenyetso byari bifatanije uwo muzingiro w'igitabo. Tyndale na Luteri, umwe muri bo yari ari mu kiruhuko cy'izabukuru ahitwa i Vildorfe mu bihugu bihereranye n'umugezi wa Rhine, undi na we akaba yari aherereye hagati mu bicucu by'ishyamba rya Thuringia, boherereje amahanga Bibiliya mu ndimi zabo za kavukire ari zo icyongereza n'Ikidage. Havutse inyota yo gusoma Ibyanditswe ku buryo itorero ry'i Roma ryatekereje ko ryaba rihubutse riramutse rirwanyije abantu ku mugaragaro.

Inama Nkuru y' i Trent ishyiraho amategeko cumi ajyanye n'ibitabo bitemewe, nubwo byasa n'aho bemerera abantu, byasaga n'ibyihishwe inyuma n'umugambi wo kumenya uko inyota abantu bafitiye Ijambo ry'Imana ingana. Mu itegeko rya kane muri ayo, Inama Nkuru yabujije abantu gusoma Bibiliya batabiherewe uburenganzira n'umukuru w'itorero cyangwa ushinze kugenzura iyubahirizwa ry'amategeko ya Kiliziya. Urwo ruhushya rwari rugizwe n'icyete cyanditswe ukarubabwira n'umuyobozi w'itorero waguteze amatwi, akemeza ko nta kaga kazaterwa no gutanga urwo ruhushya. Inama nkuru yongeyeho aya magambo yo gushimangira: "Nihagira umuntu utinyuka gusoma icyo gitabo cyangwa kukibika adafite urwo ruhushya, ntazahabwa imbabazi z'ibyaha bye kugeza igihe azaba amaze kugisubiza ufite uburenganzira bwo kukibika." Aya mategeko yakurikiwe n'itegeko rya Papa Pio wa IV, ryavugaga yuko umuntu wese uzarenga kuri iryo tegeko azaba akoze icyaha cyo kumwicisha. Uko ni ko itorero ry'i Roma ryagerageje gushyira ku murongo ibyo ryatekerezaga ko bidashoboka kubiburizamo burundu. Ibyo kuvuga ko nta muyoboze wa papa wari wemerewe gusoma Bibiliya adafite uruhushya ntaho biboneka muri Gatigisimu no mu bindi bitabo bikorehwa muri rusange n'Abagatulika b'i Roma muri iki gihugu; nyamara ni ibintu umuntu adashobora guhakana yuko ari rimwe mu mategeko y'iryo Torero. Ndetse ku byerekeranye n'ibyo, tubona ko abapadiri ba Roma, uherye kuri papa kumanuka, bari bafite imigenzereze imwe yo kubuza ko Bibiliya yazenguruka mu bantu,—banabuzanyaga ko yakorehwa mu bihugu nk'Ubutaliyani, Esipanye aho bari bafite ububasha, kimwe no mu bindi bihugu, n'ahandi hose ububasha bwabo bwabemereraga gukorera. Gahunda yabo bari bahuriyeho yari iyo guca intege abantu ngo badasoma Ibyanditswe mu buryo bushoboka bwose. Kandi igihe batabaga bakoresheje imbaraga kugira ngo bagere ku kintu runaka, ntibatinyaga kugishyira mu bubasha bw'ibya Mwuka bw'itorero ryabo, maze bagatangaza ko abazagerageza kunyuranya n'ubushake bwa Roma ku byerekeranye n'icyo kintu bazaba bakoze icyaha cyo kubicisha."¹⁰⁹

Abami b'abami ba Roma bo mu gice cy'uburasirazuba ari na bwo bwami bwakomeje, bari bafitanye ibanga, cyangwa se bafatanyirizaga hamwe n'itorero ry'i Roma ryari ryararetse isezerano maze rikagwa mu buhakanyi bukomeye ku bw'intego ryari rifite yo gusenya icyo bitaga "ubuyobe." Umuntu w'umunyabyaha yazamuwe mu ntera yicara ku ntebe ya cyami y'agasuzuguro bitewe n'uko yatsinze Abositrogoti bari bafite Roma muri icyo gihe, mu mwaka wa 538 N.K.

UMURONGO WA 31 Azahagurutsa ingabo ze zonone ubuturo bwera n'igihome, bakureho igitambo gihoraho bashyireho ikizira cy'umurimbuzi.

"*Bazonona ubuturo bwera n'igihome*," cyangwa Roma. Iyo dusanishije ibi n'Ababarubare, tubona byarasohoye ijamba ku ijamba; kubera yuko Roma yirukanywe n'Abositrogoti n'Abavandali, kandi ubwami bw'Uburengerazuba bukaba bwararekeye aho kubaho igihe Roma yari

109 J.A. Wylie, *The Papacy*, pp. 180, 181.

itsinzwe na Odowaseri (Odoacer). Cyangwa se aya magambo yaba arengurira ku bami bo muri ubwo butegetsi bafashaga ubupapa kurwanya ubupagani n'andi madini yose atarumvikanaga na bwo, byasobanura ukwimurwa kw'icyicaro cy'ubwami bwa Roma kikajya i Constantinople, ari na byo byagize uruhare mu kugwa k'ubwami bwa Roma. Ubwo rero uyu murongo waba ujanirana n'amagambo ari muri Daniyeli 8:11 ndetse n'Ibyahishuwe 13:2.

Ubupapa Bukuraho "Igihoraho"—Byerekanywe mu busobanuro bw'amagambo yo muri Daniyeli 8:13 yuko igitambo ari ijambo ryakoreshejwe nabi. Ryagomba kuba "umurimbuzi". Iyo mvugo yerekana ububasha kimbuzi, ari bwo bukora umurimo umwe n'ubw'ikizira kimbura, kandi kikaba kibusimbura mu gihe runaka. Bisa n'aho bigaragara rero ko umurimbuzi "uhoraho" yari ubupagani, noneho ikizira kimbura kikaba ubupapa. Nyamara umuntu ashobora kubaza iki kibazo ati: "Ni mu buhe buryo iki kizira cyaba ari ubupapa cyane ko Kristo yakivuzeho abihuje no gusenywa kwa Yerusalemu?" Igisubizo ni iki: Koko Kristo yarenguriraga kuri Daniyeli igice cya 9, ahavugwa ibyo kurimbuka kwa Yerusalemu, ntabwo yarenguriraga kuri uyu murongo wo muri Daniyeli igice cya 11 uterekeza kuri icyo gikorwa. Mu gice cya 9, Daniyeli avuga ku bizira, akavuga no ku barimbuzi mu bwinshi. Kubw'ibyo rero, kuba avuga ibirenze ikizira kimwe, biragenda bikagera ku itorerero; ni ukuvuga ko ku birebana n'itorero, ubupagani n'ubupapa byombi ni ibizira. Ariko kubera ko byombi bitandukanye, imvugo igenda igira aho igarukira. Kimwe ni ikizira "gihoraho", ikindi kikamenyekana nk'igicumuro cyangwa se "ikizira" cy'umurimbuzi.

Mbese ni mu buhe buryo "igihoraho" cyangwa ubupagani bwakuweho? Kubera ko iki kintu kivugwaho gisanishwa no gushyiraho cyangwa gushingwa kw'ikizira cy'umurimbuzi, cyangwa se ubupapa, ntikigomba kwerekana gusa uguhinduka kw'izina ry'iyobokamana ry'ubwami byerekana ko buvuye mu bupagani bukajya mu bukristo, nk'ibyo bise uguhinduka kwa Konstantino, ahubwo bireba n'ibyo gushyira ku murongo ubupagani kuri buri kantu kose ko muri ubwo bwami, kugira ngo inzira yose uko yakabaye ibe ikinguriwe ikizira cy'ubupapa ngo gihaguruke kandi ngo kivuge amagambo y'ubwirasi. Impinduramatwara nk'iyi yasohojwe nyuma y'imyaka 200 Konstantino apfuye.

Uko turushaho kwegera umwaka wa 508 N.K., tubona amakimbirane agenda yiyongera hagati y'ubugatulika n'imbaraga za gipagani zari zikiriho muri ubwo bwami. Kugeza ku gihe cyo guhinduka kwa Clovis umwami w'u Bufaransa mu mwaka wa 496, u Bufaransa n'andi mahanga yari agize Roma y'uburengerazuba bari abapagani. Nyamara ibyakurikiye icyo gikorwa ni uko hakoreshejwe imbaraga nyinshi ngo abasenga ibishushanyo bahindukirire idini nshya ya Roma. Icyo gikorwa cyageze ku ntsinzi ikomeye. Bivugwa ko guhinduka kwa Clovis kwabaye intandaro yo guha umwami w'Ubufaransa amazina y'icyubahiro nka "Nyiricyubahiro w'umukristo ukomeye kuruta abandi bose" ndetse n'irindi ngo "umuhungu

mukuru mu itorero". Kuva icyo gihe kugeza mu mwaka wa 508, ingabo za Roma zitwa Arborici zabaga mu Burengerazuba zari zimaze kwigarurira Britaniya n'Ababurugandiya, ndetse n'Abavisigoti binyuze mu masezerano cyangwa mu kumanika amaboko ku neza ndetse n'imirwano.

Uhereye igihe bari bamaze kugera kuri izo ntsinzi mu mwaka wa 508 N.K., ubupapa bwari bunesheje abo twakwita abapagani. Kubera ko nubwo abo bapagani nta gushidikanya badindizaga ukwizera kwa kigatulika, ariko niba bari banafite uwo mugambi ntabwo bari bafite imbaraga, igihe cyose batashoboraga kuburizamo kwizera no kubangamira ibikorwa by'umuyobozi mukuru w'itorero rya Roma. Igihe ububasha bukomeye bwo mu Burayi bwari bumaze gutsindwa ku buryo butakibashije kwizirika ku bupagani, bwari busigaranye uburyo bwo gukwirakwiza ibizira byabwo binyuze mu guhindura ishusho y'ubwo bupagani; kubera ko ubukristo bwagaragazwaga n'itorero gatulika ry'i Roma bwari ubupagani bubatijwe gusa.

Urwego umuyobozi w'itorero yari ahagazemo kiriya gihe rwari urwego rudasanze. Mu mwaka wa 498, Simakusi (Symmachus) yazamutse ku ntebe y'ubwami y'umuyobozi mukuru w'itorero nk'umuntu wari uhindutse vuba avuye mu bupagani. Yabonye uburyo agera ku ntebe y'ubupapa binyuze mu guhangana n'abo babihataniye kugeza nubwo habaho kumena amaraso. Yahawe ishimwe no guhimbazwa nk'umusimbura wa Mutagatifu Petero, maze mu mbwirwaruhame ye no mu bubasha bwe nka papa ahita atangaza ko aciye umwami w'abami Anasitazyusi.¹¹⁰ Maze abihakirizwa benshi bashaka gushimwa na papa noneho batangira kujya bashyigikira yuko papa yashyizweho nk'umucamanza mu mwanya w'Imana, kandi ko yari yungirije Isumbabyose.

Icyo ni cyo cyerekezo cy'ibintu byajyaga kubaho mu burengerazuba. Mbese imirimo yakorwaga mu gice cy'uburasirazuba mu gihe nk'icyo yari imeze ite? Ishyaka rikomeye ry'ubupapa ryari ririho mu bice byose by'ubwami. Abari bashyigikiye papa muri ubwo buryo i Constantinople, batewe umwete n'intsinzi y'abo bizeraga kimwe bo mu gice cy'uburengerazuba, batekereje ko bashobora gutangira no gukora ibikorwa by'urugomo mu gushyigikira shebuja w'i Roma.

Nimutyo twite ku ngingo y'uko bidatinze, nyuma y'umwaka wa 508 ubupagani bwari bwaracitse intege, kandi ubugatulika ubugerereranije n'ubupagani, icyo bwari bwaragwiye imbaraga, ku buryo ku nshuro ya mbere itorero Gatulika ryashoboye gushoza intambara riranayitsinda igihe ryarwanaga n'ubutegetsi bwa Leta n'ubw'itorero ryo mu gice cy'uburasirazuba ryari ryarakurikiye ku rwego runini imyigishirize y'Abamonofisiti (Monophyete: ni imyizerere ivuga ko Yesu yari afite kamere imwe y'ubumuntu gusa, bityo atari Imana), ibyo itorero ry'i Roma rikaba ryarabifataga nk'ubuyobe. Ishyaka ry'abashyigikiye iyo myitwarire rarakuze cyane riza kubyara ishuhari y'ubwaka ndetse n'intambara

¹¹⁰ See Louis E. Dupin, *A New History of Ecclesiastical Writers*, Vol. V, pp. 1-3, "Pope Symmachus.

y'abasivile yavuyemo kumeneka kw'amaraso i Constantinople. Iyo ntambara yatumye abantu ibihumbi 65 batekerezwaga ko bayobye bicwa. Kuba intambara nk'iyi na none yarabayeho mu myaka mike yakurikiyeho, turabibona mu magambo akurikira yanditswe na Gibbon igihe yandikaga ibintu byabayeho kuva mu mwaka wa 508 kugeza muri 518:

Yaranditse ati: «Ububasha bw'umwami bwaramenaguritse, na we ubwe bajya kumuhisha hirya kure y'umuji, kugeza ubwo nyuma y'iminsi itatu yatinyutse gusabira abantu be imbabazi. Anastazyusi yatungutse imbere y'intebe ya cyami mu ruhamwe rw'abantu benshi atambaye ikamba ry'ubwami ndetse yambaye imyenda y'umuntu usabiriza. Imbere y'amaso ye, Abagatulika basubiyemo indirimbo yabo y'idini; bashimishwa cyane n'impano bamuhaye kandi avuga cyane aranguruye ijwi ko ahaze umwambaro wa cyami w'umuhengeri; bateze amatwi amagambo y'imbuze ko kubera ko abantu bose batagomba gutegeka, bagomba mbere na mbere kwemeranya ku gutoranya ugomba kuba umwami; kandi bemeye ko byari bikwiraye ko amaraso y'abaministiri babiri batari bishimiye na rubanda ameneka igihe shebuja wabo yabaciraga urubanza rwo kugaburirwa intare. Ibi bikorwa biteye ubwoba byo kurwanya ubutegetsu by'igihe gito byatewe inkunga n'intsinzi ya Vitaliyani (Vitalian) afatanyije n'ingabo ze z'Abahansi n'Ababuligariya, kandi benshi muri bo basengaga ibigirwamana, maze batangaza ko bahisemo ukwizera kw'Abagatulika. Muri uku kwigomeka kwifubitse umwambaro wo kubaha Imana, yaragiye azimanganya Igihugu cya Thrace, agota umuji wa Constantinople arawugerereza, yica ibihumbi 65 by'abakristo bagenzi be, kugeza igihe yahawe ubutumwa bw'abayobozi bakuru bamuhamagara, bamubwira ko papa yanyuzwe, n'ibyo gushingwa kw'Inama nkuru ya Chalcedon yiswe Amasezerano y'Aborutodigisi, ayari yasinyweho na Anasitazyusi wendaga gupfa ariko akayasinyaho atabishaka, agasohozwa mu buryo budakebakeba na sewabo witwa Yusitiniyani. Uko ni ko ibyabaye mu ntambara za mbere z'idini byagenze, intambara zarwanywe mu izina ry'Imana y'amahoro ndetse zikarwanwa n'abigishwa b'Imana y'Amahoro.»¹¹¹

Dutekerezwa ko bigaragara ko igihoraho ko cyakuweho mu mwaka wa 508 N.K. Ibi byategurizaga ugushyirwaho cyangwa gushingwa kubupapa bwari ikindi cyagombaga gukurikiraho kandi kikaba cyari gitandukanye n'icya mbere.

Ubupapa Bushyiraho Ikizira.—«Bazashyiraho ikizira cy'umurimbuzi.» Tumaze kwerekana mu buryo bwuzuye icyo dutekerezwa ko ari ugukuraho igihoraho, cyangwa ubupagani, noneho turibaza tuti: «Ni ryari ikizira cy'umurimbuzi (cyangwa se ubupapa) cyashyizweho cyangwa cyashinzwe?» Agahembe gato gafite amaso nk'ay'umuntu, ntabwo katindaga kureba igihe cyose inzira yabaga yuguruwe kugira ngo kagere ku majyambere yako kandi kishyire hejuru. Uhereye mu mwaka wa 508, iterambere rye ryo kugera ku butware buhanitse ntacyo wari kurigereranya na cyo. Igihe

¹¹¹ Edward Gibbon, *The Decline and the Fall of the Roman Empire*, Vol. IV, chap. 47, p. 526.

Yustiniani yendaga gushoza intambara ku Bavandali mu mwaka wa 533, umurimo utari muto kandi ntube unoroshye yifuzaga kubona ugezweho, wari uwo gushaka ko yashyigikirwa n'umuyobozi mukuru w'idini ry'i Roma wari umaze kugera ku rwego rukomeye rwatumaga igitekerezo cye kigira uburemere bwinshi aho ubukristo bwari bumaze kugera hose muri icyo gihe. Kubw'ibyo Yustiniani yishyizeho umutwaro wo gukemura impaka zari zimaze igihe kirekire ziri hagati y'abayobozi b'idini b'i Roma na Constantinople nk'ikintu cyagombaga guhabwa umwanya w'ibanze, maze akoresha guha Roma umwanya wa mbere binyuze mu kwandikira papa ibarwa y'ubutegetsu, atangaza ku mugaragaro mu buryo bwuzuye kandi budateye urujijo ko umuyobozi w'itorero wo muri uwo muji ari we muyobozi mukuru w'amatorero yose yo muri ubwo bwami.

Urwandiko rwa Yustiniani ruragira ruti: «Yustiniani, umuneshi, umuntu wubaha Imana, umunyamahirwe, ikimenyabose, ufite intsinsi, Awugusto uhoraho, ndakwandikiye wowe Muyobozi w'itorero ukuriye abandi bose kandi wera kurusha bose, Umukurambere w'imfura zose z'umujyi wa Roma. Mu cyubahiro cy'umuyobozi w'intumwa kandi ukaba nyirubutungane, nk'uko cyari icyifuzo cyacu ndetse bikaba n'ubu ari ko bimeze, kandi tukaba tukubashye kuko wahawe umugisha nka data, twihutiye kukumenyesha wowe nyirubutungane, ibintu byose bifite aho bihuriye n'amatorero, nk'uko bimaze igihe kirekire ari intego yacu ikomeye yo kurinda ubumwe buri hagati yawe nk'intumwa n'umuyobozi mukuru w'itorero n'umwanya amatorero yera y'Imana arimo muri iki gihe aho ari mu mutekano usesuye kandi akaba nta kirogoya n'imwe iriho ubu. Kubw'ibyo rero, twatekereje mu buryo bwitondewe kugushyira mu maboko no guhuriza hamwe abapadiri bose bo mu bwami bw'Uburasirazuba ngo bayoborwe nawe wowe nyirubutungane. Ibibazo byose bivuka muri iki gihe, twatekereje ko ari ngombwa ko tubimenyesha nyirubutungane, nubwo byaba bisobanutse kandi bitagibwaho impaka, ndetse nubwo byaba bifite ishingiro ndetse bikaba byigishwa n'iyobokamana ryose hakurikijwe inyigisho zawe nk'umukuru w'intumwa zose; kubera yuko tutemera ko ikintu icyo ari cyo cyose cyavuka nubwo cyaba kigaragara gite cyangwa kidafite amakemwa gifitanye isano n'amatorero, waba ukwiriye kugihishwa wowe nyirubutungane, nk'umuyobozi w'amatorero yose. Kubera ko nk'uko twabivuze, dufite ishyamba ry'uko icyubahiro cyawe cyashyirwa hejuru ndetse n'ubutware bwawe bugakomera mu nzego zose.»¹¹²

Urwandiko rw'umwami rugomba kuba rwaroherejwe mbere y'italiki ya 25 Werurwe 533. Kubera ko mu rwandiko rwe yandikiye Epifaniyusi avugamo ko yayakiriye, ndetse asubiramo icyemezo cy'uko imirimo yose ifite aho ihuriye n'itorero ko byose bizajya binyuzwa kuri papa, 'umukuru w'abakuru b'itorero bose, kandi akaba ari we muntu nyakuri kandi ufite imbaraga zo gukosora ubuyobe.'»

¹¹² *Codex Justiniani*, lib. 1, tit. 1; translation as given by R.F. Littledale, *The Petrine Claims* p. 293.

Mu kwezi nk'uko mu mwaka wakurikiyeho wa 534, papa yohereje umwami igisubizo asubiramo ya mvugo y'umwami, amushimira icyubahiro yamugaragarije, anemera amazina y'icyubahiro umwami yamuhaye. Avuga imwe mu mico myiza ya Yusitiniyani atya ngo 'arabagirana nk'inyenyeri, kubaha kwe intebe y'intumwa, uwo yashyize mu maboko kandi akamuteranyirizaho amatorero yose, kandi bikaba ari iby'ukuri koko ari umukuru w'amatoro; nk'uko byahamijwe n'abayobozi b'abatangije umurimo, bigahamywa n'amategeko y'abami, kandi bigatangazwa n'umwami wubaha Imana.'

«Umwimerere w'izina ry'icyubahiro utanga igihamya kitabasha kubonerwa igisubizo mu mateka ari mu gitabo cy'amategeko cya Yusitiniyani cyitwa «Novelæ». Mu magambo y'ibanze y'icyo gitabo yanditswe ku italiki ya 9 aravuga ati: 'kubera ko itorero rikuru ry'i Roma ari ryo ryashyizeho amategeko; ni cyo gituma ritagombaga kugirirwa amakenga kuko muri ryo harimo ubudahangarwa bw'umuyobozi mukuru w'itorero.' Itegeko rya 131, ku byerekeye amazina y'icyubahiro y'umuyobozi w'itorero ndetse n'amahirwe ahabwa, igice cya 2, haravuga hati: 'Kubw'ibyo rero dutegutse ko nyirubutungane papa w'itorero rikuru ry'i Roma ari we wa mbere mu bapadiri bose, kandi ko umuyobozi mukuru w'itorero uruta abandi bose b'i Constantinople, ari yo Roma nshya, azaba uwa kabiri inyuma ya nyirubutungane intumwa nkuru yicaye ku ntebe mu itorero rikuru ry'i Roma.'»¹¹³

Ahagana mu iherezo ry'ikinyejana cya 6, Yohana w'i Constantinople yahakanye ubudahangarwa bwa papa, maze yiha izina ry'icyubahiro ryo kuba umukuru w'itorero w'isi yose. Ubwo ni bwo Geregori ukomeye yarakajwe n'ubwo buriganya bituma aca Yohana ndetse nubwo atari yamenye ukuri kw'ibyo yari yavuze, atangaza ko umuntu ushobora kwiyita iryo zina ryo kuba umuyobozi mukuru w'isi yose ari Antikristo. Mu mwaka wa 606, Fokasi (Phocus) yahinduye ubusa amagambo y'umukuru w'itorero ry'i Constantinople, maze ashigikira iby'umukuru w'itorero ry'i Roma. Ariko Fokasi si we wari warahanze ubudahangarwa bwa papa. «Kuba Fokasi yarahinduye ubusa umuyobozi w'itorero ry'i Constantinople birenze ibyo umuntu yashidikanya. Nyamara abatware bo mu rwego rwo hejuru bo mu basivili n'abasesenguzi b'i Roma bamaganye igitekerezo cy'uko Fokasi ari we wari warahanze ubudahangarwa bwa Roma; barazamutse basanga Yusitiniyani nk'umuntu wemewe wacomotsweho n'ayo mazina y'ubudahangarwa, kandi mu by'ukuri ayo mazina yatangiye mu mwaka utazibagirana wa 533.»¹¹⁴

George Croly yongeraho aya magambo akurikira ati: «Dukurikije ibyo Baroniysi yavuze ubutware bwashyizweho mu basesenguzi b'i Roma b'Abagatuli, mbona yuko igikorwa cya Yusitiniyani cyo guha papa ubudahangarwa cyabayeho mu buryo bwemewe muri icyo gihe. ...

¹¹³ George Croly, *The Apocalypse of St. John*, p. 170.

¹¹⁴ *Ibid.*, pp. 172, 173.

Igikorwa cyose uko cyakabaye cyari umwimerere kandi cyari kinyuze mu buryo ndetse kiberanye n'agaciro k'iryo hererekanya.»¹¹⁵

Uko ni ko ibintu byari bimeze igihe itegeko rya Yunitiniyani ryatangwaga. Nyamara ibyo iryo tegeko ryateganyaga ntibyari guhita bishyirwa mu bikorwa uwo mwanya; kubera ko Roma n'Ubutaliyani byari biri mu maboko y'Abositrogoti bari bafite imyizerere y'Abariyani kandi bakaba bararwanyaga cyane iyobokamana ya Yunitiniyani na papa. Byaragaragaraga rero ko Abositrogoti bagomba kuranduranwa n'imizi bakava muri Roma mbere y'uko Roma yari gushobora gukoresha ububasha bwayo yari yararangiye kwambikwa. Kugira ngo ibashe kubigeraho, mu mwaka wa 534 intambara y'Ubutaliyani yaratangiye. Kuyobora urugamba byashinzwe Belisariyusi. Igihe yendaga kugera i Roma, imijyi myinshi yatereranye Vetije (Vetiges) umuyobozi wabo w'Abagiti akaba n'uwari ukuriye imyizerere yabo maze bifatanyaga n'umwami w'Umugatulika. Abagoti bamaze gufata icyemezo cyo gutinza urugamba ngo ruzagere mu gihe cy'itumba, byashoboje Belisariyusi kwinjira i Roma atagombye kurwana. Abafasha ba papa n'abandi bakozi b'itorero, inama ishingira amategeko na rubanda bingingiye abasirikari bakuru ba Yunitiniyani kwemera ko bahisemo kubayoboka ku bushake.

Belisariyusi yinjiye i Roma ku italiki ya 10 Ukuboza mu mwaka wa 536. Nyamara iryo si ryo ryari iherezaho ry'intambara kubera ko Abagoti bahuriye hamwe ingabo zabo bakaza gushinga ibirindiro ahagose umujyi bahakana ko ari uwa Belisarius. Uko kugota umurwa babitangiye muri Werurwe mu mwaka wa 537. Belisarius yatinye ko rubanda bahagarika umutima ndetse bakaba bamuvaho. Bamwe mu bagize inteko ishingira amategeko ndetse na papa Siliveriusi boherejwe mu buhungiro igihe bari babonye cyangwa baketse ko hashobora kubaho ubugambanyi. Umwami yategetse abakozi b'itorero gutora undi muyobozi mukuru w'itorero. Nyuma yo gusaba Mwuka Wera ku mugaragaro, batoye umudiyakoni witwa Vigiliyusi watowe amaze gutanga ibiguzi bingana n'ibiro 91 bya zahabu kugira ngo agure icyo cyubahiro.¹¹⁶

Ishyamba ryose ry'Abositrogoti ryari ryateranye ngo rigote Roma, nyamara ntabwo imbaraga bakoresheje zabagejeje ku ntsinzi. Ingabo zabo zagiye zishirira mu ntambara zabaga inshuro nyinshi kandi zuzuyemo kumena amaraso zikabera munsu y'inkike z'umurwa, kandi mu mwaka n'iminsi icyenda uko kugota umurwa kwamaze, yarangiye bisa n'aho ishyamba ryose rihatikiriye. Mu kwezi kwa Werurwe umwaka wa 538, ibyago byatangiyeye kubasanga no mu bindi bice bari batuyemo, barabagose, batwika abahema yabo, nuko mu rusaku rwinshi n'urujijo barahunga bava mu mujyi. Bari basigaye ari umubare muto cyane ku buryo badashobora kwitwaga igihugu cyangwa ngo bemerwe nk'ubwoko runaka.

¹¹⁵ *Ibid.*, pp. 12, 13.

¹¹⁶ Edward Gibbon, *The Decline and the Fall of the Roman Empire*, Vol. IV, chap. 41, pp. 168, 169.

Muri ubwo buryo, ihembe ryari rihagarariye Abositrogoti, ari ryo ryaherukaga muri atatu riba riranduwe imbere y'agahembe gato ko muri Daniyeli igice cya 7. Noneho nta kintu cyari kigisigaye imbere ya papa cyamubuza gukoresha ububasha bwe yari amaze imyaka itanu ahawe na Yusitiniyani. Noneho abera, ibihe n'amategeko byari biri mu biganza bye, atari ibyo mu migambi gusa, ahubwo ari na byo mu by'ukuri. Uyu mwaka ugomba kuba ari wo mwaka iki kizira cyashyizweho cyangwa cyashinzwe kandi kikaba ari cyo gihe umuntu yatangirira kubara imyaka 1260 y'igihe cya gihanuzi ubupapa bwamaze bufite ubudahangarwa.

UMURONGO WA 32 Abaca mu isezerano azabayobesha kubashyeshyenga, ariko abantu bazi Imana yabo bazakomera bakore iby'ubutwari.

Abantu "Bazi Imana Yabo."—Abareka igitabo cy'isezerano, Ibyanditswe Byera, abatekereza cyane ku mategeko abapapa batanga n'ibyemezo by'Imana Nkuru kurenza ko bakwita ku ijamba ry'Imana—abo ngabo papa azabayobesha kubashyeshyenga. Ni ukuvuga ngo, bazakomeza kuyoborwa n'ishyamba bafitiye uruhande barimo rwa papa bitewe n'uko abaha ubukire, imyanya y'imirimu, ndetse n'icyubahiro.

Muri icyo gihe na none hazaba hariho abantu bazi Imana yabo, kandi abo bantu bazakomera bakore iby'ubutwari. Aba ni abantu bakomeje iyobokamana ry'ukuri mu isi mu gihe cy'umwijima, igihe ubupapa bwatwazaga igitugu, kandi bugakora ibikorwa bitangaje byo kwitanga n'iby'ubutwari mu by'iyobokamana mu gushyigikira ukwizera kwabo. Muri abo abigaragaje ku buryo bukomeye ni Abawalidensi (Abavoduwa), Abalibijensi ndetse n'Abahugenoti.

UMURONGO WA 33 Kandi abanyabwenge bo mu bantu bazigisha benshi, ariko hazaba igihe kirekire bicwe n'inkota n'umuriro, bajyanwe ari imbohe.

Aha tuhabona igihe kirekire ubupapa bwamaze butoteza abageragezaga kugundira ukuri kandi bakigisha bagenzi babo inzira zo gukiranuka. Umubare w'iminsi bagombaga kumara bababazwa uboneka muri aya masomo: Daniyeli 7:25; 12:7; Ibyahishuwe 12:6, 14; 13:5. Icyo gihe cyitwa «igihe, n'ibihe, n'igice cy'igihe;» «igihe, ibihe, n'igice cy'igihe;» iminsi igihumbi na maganabiri na mirongo itandatu;» n'«amezi mirongo ine nabiri». Ibi bivugwa ahangaha byose ni uburyo bwo kwerekana imyaka 1260 ubupapa bwamaze bufite ubudahangarwa.

UMURONGO WA 34 Nibagwa muri ibyo byago bazabona gufashwa buhoro, ariko benshi bazifatanya na bo babariganya.

Mu gitabo cy'Ibyahishuwe 12, aho twongera kubona akarengane kakozwe n'ubupapa, tuhasoma yuko isi yafashije umugore ikasamura umunwa wayo maze ikamira umwuzure w'amazi ikiyoka cyar kimuciriye

inyuma. Ubugorozi bw'Abaporotestanti bwari buyobowe na Maritini Luteri na bagenzi be bari bafatanyije umurimo batanze ubufasha bwari bwaravuzwe mbere ahangaha. Ibihugu by'Abadage byashyigikiye ibitekerezo by'Abaprotestanti, birengera abagorozi kandi bikoma mu nkokora umurimo w'akarengane bakorerwaga n'itorero rya papa. Nyamara igihe Abaprotestanti bafashwaga, n'igihe ibitekerezo byabo byari bitangiye gushyigikirwa n'abantu benshi, benshi babiroshyemo bafite amagambo yo gushyeshyenga, maze bafata uko kwizera ariko babitewe n'impamvu zipfuye.

UMURONGO WA 35 Kandi bamwe muri abo banyabwenge bazicwa kugira ngo bacishwe mu ruganda batunganywe, bere kugeza igihe cy'imperuka kuko izaba igitegereje igihe cyategetswe.

Nubwo umwuka w'akarengane wakomwe mu nkokora, ntabwo warimbuwe. Karongeraga kagatangira igihe cyose habaga habonetse uburyo. By'umwihariko, ibi ni ko byagenze mu Bwongereza. Idini rya Leta y'icyo gihugu ryagendaga rihindagurika, rimwe na rimwe rikaba iry'Abaprotestanti, ubundi rikaba irya papa hakurikijwe idini y'umwami wabaga ayobora icyo gihugu. Uwitwa Bloody Queen Mary yari umwanzi gica w'Abaprotestanti kandi abantu benshi bishwe n'akarengane katunamura icumu yakoze. Uko ibintu byari bimeze kwagombaga kumara igihe runaka nibura bikagenda bikagera ku "gihe cy'imperuka." Umuntu yahita yanzura yuko, ubwo igihe cy'imperuka cyari kuba kigeze, ubu bubasha itorero ry'i Roma ryari ryaragize bwo guhana [abo ryitaga] abayobe, akaba ari na byo byabaye impamvu y'akarengane gakomeye kabayeho, kandi kakaba hari igihe runaka kamaze gakomwe mu nkokora, noneho bwashoboraga kuvanwaho burundu. Uwo mwanzuro na none waba ugaragara cyane, ko uko gukurwaho k'ubudahangarwa bw'ubupapa, kwagombaga kuba intangiriro y'igihe hano cyitwa "igihe cy'imperuka." Niba ubu busobanuro ari ubw'ukuri, igihe cy'imperuka cyaba cyaratangiyeye mu mwaka wa 1798; kubera yuko icyo gihe, nk'uko twabibonye, ubupapa bwahiritswe ku ntebe yabwo n'Abafaransa, kandi kuva icyo gihe ntibwongeye gukoresha ububasha bwahoranye mbere. Bigaragara hano ko akarengane itorero ryakorewe n'ubupapa ari ko karengurirwaho kuko ari ko konyine gashobora guhuzwa n'"Igihe cyategetswe" cyangwa igihe cya gihanuzi uretse ikinyuranyo cyaboneka gusa mu Byahishuwe 2:10.

UMURONGO WA 36 "Nuko uwo mwami azakora uko ashatse, yigire munini yishyire hejuru ngo asumbe imana zose, kandi azavuga ibikomeye bisuzuguzwa Imana nyamana. Azishyira yizane kugeza aho uburakari buzasohorera, kuko ibyagambiriwe bizasohozwa.

Umwami Wishyira Hejuru y'Icyitwa Imana Cyose.—Umwami uvugwa ahangaha ntashobora kwerekana ububasha bumwe n'ubwo twari duherutse kubona, by'umwihariko ububasha bw'ubupapa; kubera yuko ibiburanga bitazahura nibiramuka bihujwe n'ubu bubasha.

Wite ku bivugwa mu murongo ukurikiraho: “ntazita ku mana.” Ibi ntabwo byigeze bihura n’ubupapa. Imana na Kristo, nubwo bagiye bashyirwa mu mwanya utari wo, ntabwo gahunda y’iyobokamana y’ubupapa yigeze yatura ku mugaragararo ko ibashyize ku ruhande cyangwa ko ibanze.

Hari ibintu byihariye bitatu bigomba kuboneka mu biranga ububasha busohozza ubu buhanuzi: (1) bugomba kugaragaza imico yasobanuwe hafi y’intangiriro z’igihe cy’imperuka, iyo tweretswe mu mirongo yabanje. (2) Bugomba kuba ububasha bugirira abantu nabi bubigambiriye. (3) Bugomba kuba ububasha buhakana Imana. Ahari ibi bintu bibiri biheruka biburanga umuntu yabihuriza hamwe akavuga ko kugira nabi kwabwo bubigambiriye kwashoboraga kwigaragariza mu cyerekezo cy’ubuhakanamana.

Ubufaransa Busohozza Ubuhanuzi.—Impinduramatwara itanga igisubizo kuri ibi byasobanuwe yabaye mu gihugu cy’Ubufaransa muri kiriya gihe cyerekanywe n’ubuhanuzi. Abahakanama babibye imbuto zaje kwera imbuto mbi zihuje n’uko ibintu babitekerezaga. Uwitwa Voluteri (Voltaire) mu magambo ye yo kwiyemera no kwishuka yari yaravuze ati: “Ndambiwe guhora numva abantu basubiramo iby’abantu cumi na babiri bashinze iyobokamana ry’Abakristo. Nzabereka ko umuntu umwe ahagije kugira ngo arisenye.” Afatanyije n’abantu nka Ruso (Rousseau) Dalamberi (D’Alembert) na Didero (Diderot) ndetse n’abandi, yatangiye umurimo wo gusohozza ubugome bwe. Babibye ishuhari, maze basarura serwakira. Icyo gihe n’Itorero Gatulika ryari ryaramaze kwangirika mu buryo bugaragarira buri wese mu gihugu cy’Ubufaransa muri icyo gihe, kandi abantu bari bahagaritswe umutima n’ukuntu bakwigobotora umutwari w’akarengane bari barikorejwe n’itorero. Imbaraga zabo zaje kubageza ku musaruro wo kwimika “ubwami bw’iterabwoba” mu mwaka wa 1793, igihe Ubufaransa bwitandukanyaga na Bibiliya ndetse bugahakana ko Imana ibaho.

Umwanditsi w’amateka wo mu bihe bya vuba yerekana uko iyi mpinduka ikomeye yabaye mu iyobokamana yari imeze. Yaranditse ati:

“Bamwe mu bagize ihuriro rikuru na bo babaye aba mbere mu gusimbuza gusenga kwa gikristo iminsi mikuru ya Leta mu ntara zimwe na zimwe mu mwaka wa 1793. Ahantu hitwa Abeville (Abbeville) uwitwa Dimo (Dumont), amaze kumenyesha rubanda ko abapadiri bari ‘ibigoriy bica amarenga kandi bakaba n’ibicucu byambaye imyenda y’umukara, akabikoresha kwerekana igishushanyo gifite ashusho y’umuntu’ yari yashyizeho gahunda yo ‘Kuramya Intekerezo z’umuntu’¹¹⁷ kandi ategura mu buryo burimo guhuzagurika kudasanzwe igihe cyo kwerekana icyo ‘gishushanyo gifite ishusho y’umuntu’ yari yakoresheje gikora ibintu byo guhatira abantu gukora ibintu runaka, bigaherekezwa n’imbyino kugira ngo abyerekanire mu kiriziya rimwe mu minsi icumi, ndetse akabihuza n’iminsi mikuru ya Leta iyo yahatiraga cyane abantu kwitabira. Uwitwa Fushe (Fouche) na we yakurikiyeho mu gukuraho kuramya kwa gikristo; avugira kuri aritari yo muri kiriziya nkuru y’ahitwa i Navers, ahanagura ku

117 Worship of Reason/ Culte de la Raison

mugaragaro gahunda zose zijyanye n'ibya mwuka abikura muri gahunda za Leta, maze atangaza gahunda yabaye ikimenyabose yitwa 'urupfu no guhunika by'iteka ryose,' nuko ahindukiza agafunguzo avuga ko ijuru na gihenomu byose ari kimwe. ... Muri aya magambo yavuze yo gushimira uwari umukuru w'itorero mukuru wari ucyuye igihe, umukuru w'igihugu yavuze ko *nk'Ikiremwa kiri hejuru y'ibindi byose atifuzaga gusenga ikindi kintu icyo ari cyo cyose uretse Intekerezo, kandi ko mu gihe kizaza ari bwo buryo bwo gusenga buzaba bwemewe na Leta!*"¹¹⁸

Nyamara hariho ibindi bintu ndetse byinshi bikomeye byerekana iki kintu Ubufaransa bwashohoje.

UMURONGO WA 37 Kandi uwo mwami ntazita ku mana za ba sekuruza, cyangwa ku gushaka abagore cyangwa ku cyitwa imana cyose, kuko azishyira hejuru ngo asumbe byose.

Ijambo ryo mu giheburayo rivuga *umukobwa* rinasobanura *umugore wubatse* urugo; ndetse Tomasi Newton abona ko aya magambo yari kuvugwa neza iyo aza kuvugwa muri ubu buryo ngo "kwifuza abagore."¹¹⁹ Ibi byari kwerekana ko ubu butegetsi mu gihe kimwe n'icyo bwavugagamo ko Imana itabaho, bwanahonyoreraga munsu y'ibirenge amategeko Imana yashyizeho agenga umubano w'abashakanye. Kandi tubona yuko umwanditsi w'amateka, cyangwa se wenda yaba yarabikoze atabizi, kandi niba ari ko bimeze, byaba birushijeho kugira ubusobanuro uramutse uhuriye hamwe ubuhakanamana n'imyitwarire mibi y'ubwo butegetsi ku byerekeranye n'iyi gahunda bahagarariye mu buhanuzi. Aravuga ati:

"Umuryango warasenyutse. Mu gihe cy'ubutegetsi bwo mu gihe cyashize umuryango wari urufatiro rw'imibanire y'abantu. ...Itegeko-teka ryo ku italiki ya 20 Nzeli 1792 ryashyizeho gahunda yo gutandukana kw'abashakanye rigashimangirwa n'ihuriro rikuru ryo mu mwaka wa 1794, mu myaka ine ryeze imbuto n'Inteko ishingira amategeko ubwayo itigeze irota ko zabaho. Iyo umuntu yagiraga ibyo adahurijeho na mugenzi we bashakanye, yashoboraga guhita afata umwanzuro wo gutandukana na we, kandi ibyo bigashyirwa mu bikorwa mu gihe kitarenze umwaka, iyo umwe muri abo bashakanye yabaga yatinze kwemera ko batandukana mbere y'uko icyo gihe gihita.

"Habayeho gutandukana kw'abashakanye guhubukiwe: mbere y'uko umwaka wa 1793 urangira, amezi cumi n'atanu nyuma yo gutangazwa kw'iryo tegeko-teka, hari hamaze kwemerwa gatanywa zigera ku 5.994 mu murwa mukuru wa Paris. ... Tubona ku rutonde abagore bagenda bahererekanywa mu buryo bwemewe n'amategeko. Mbese ubwo abana bavutse kuri abo bagore byabagendekereye bite muri urwo ruhererekane rwo gushyingiranwa n'abagabo batandukanye? Abantu bamwe barabiyufuraga: umubare w'abana batawe n'ababyeyi babo mu mwaka wa 5

¹¹⁸ Louis Madelin, *The French Revolution*, pp. 387, 388.

¹¹⁹ Thomas Newton, *Dissertation on The Prophecies*, Vol. I, pp. 388-390.

i Paris warazamutse ugera ku 4.000, noneho mu bindi bice ugera ku 44.000. Igihe ababyeyi babaga bagumanye abana babo, icyakurikiragaho ni urujijo ruteye agahinda ariko runashekeje. Umuntu yashoboraga gushakana n'abagore benshi b'abavandimwe bakagenda basimburana: hariho umuntu umwe wagejeje icyifuzo cye ku bagore be 500 yari afite abasaba ko bagenda maze akarongora nyina wa babiri mu bagore yari yarigeze gushakana na bo mbere. ... Umuryango wari warasenyutse.”¹²⁰

“*Ntazita ku mana.*” Ibyo umuntu yakongera ku buhamya bwatanzwe mu kugaragaza ubuhakanama bukomeye bw'igihugu muri kiriya gihe, ni ibi bikurikira:

Umukuru w'itorero mukuru wari wemewe n'amategeko ya Leta yazanywe imbere y'ihuriro rikuru kugira ngo asohoze umurimo wo kubimburira abandi mu buryo busekeje kandi bukojeje isoni kandi buteye ikimwaro burenze ubundi bwose bwigeze kugaragarizwa imbere y'abayobozi bahagarariye igihugu. ... Yazanywe aho agaragiwe n'abantu bose kugira ngo atangarize abari bagize iryo huriro rikuru ko iyobokamana yigishije imyaka myinshi ryari ibihimbano by'abapadiri mu buryo bwose ryagaragaragamo, rikaba nta shingiro ryari rifite ryaba iryo mu mateka cyangwa se mu kuri. Yihakanye ku mugaragaro kandi mu magambo yumvikana neza ko Imana yari asanzwe yigisha abantu kuramya ibaho, kandi yiyemeza ko mu gihe kizakurikiraho azajya aramya umudendezo, uburinganire, imico myiza no kugira imyifatire myiza. Nuko arambika ku meza ibintu by'imirimbo byose umukuru w'itorero yambaraga, maze perezida w'ihuriro rikuru aramuhobera nk'umuvandimwe. Abapadiri benshi b'abahakanyi bakurikije urugero rw'uyu muyobozi mukuru w'idini.”¹²¹

“Heberi (Hébert), Shomete (Chaumette) n'abandi bagiye bafatanyaga bigeze bagaragara mu kabari bavuga ko 'Imana itigeze ibaho.’”¹²²

Kubaha Imana kwari kwarafashwe ko ari ko ntangiriro yo kugira ubwenge kugeza icyo gihe, kwahinduwe ko ari intangiriro yo kuba umupfapfa. Kuramya k'uburyo bwose kwarabuzaniye keretse kuramya umudendezo n'igihugu gusa. Amasahane yo munsengero yari akozwe mu ifeza no mu izahabu yarafashwe akoreshwa mu buryo busuzuguritse. Insengero zarafunzwe. Inzogera zaramenaguwe maze bazijugunya mu bubiko bw'insengero. Bibiliya zatwikiwe mu ruhame. Ibikoresho byakoreshwaga mu gutanga amasakaramentu babizerereza mu nzira zo mu mijyi biri ku ndogobe, kugira ngo bibe ikimenyetso cy'uko babisuzuguye. Bashyiraho icyumweru kigizwe n'iminsi cumi aho kuba irindwi kandi bakoresha inzandiko zanditse mu nyuguti zigaragara cyane bagenda bazishyira mu marimbi zivuga yuko urupfu ari ibitotsi by'iteka ryose. Ariko gutuka Imana kurenze ibindi byose, (niba uku gukabya kwa gihenomu kwemera gutondeka ibyaha ukurikije uburemere bwabyo), kwari gusigaye

¹²⁰ Louis Madelin, *The French Revolution*, pp. 552, 553.

¹²¹ Sir Walter Scott, *Life of Napoleon Buonaparte*, Vol. 1, p. 239.

¹²² Archibald Alison, *History of Europe*, Vol. III, p. 22.

ni ukwerekanywe n'umukinnyi wa byendagushyamba witwaga Monvel wakinnye nk'umupadiri wo mu rugaga rwitwaga Abamulikiwe; yaravuze ati:

“Mana! Niba ubaho, ...horera izina ryawe rya buzugume. Ndakwinginze dore wasuzugume. Wakomeje kwicecekerako; ntabwo utinyuka kohereza inkuba zawe; mbese nyuma y'ibi ni nde uzizera ko *ubaho*?”¹²³

Nimurebe icyo umuntu ari cyo icyo aretswe agasigara ari wenyine, murebe ndetse n'ukuntu agaragaza ubuhemu igihe ibyo amategako yamubuzaga gukora byigijweyo, maze ububasha bugasigara mu biganza bye! Mbese hari uwashidikanya ko ibyabaye ari byo Umenyabyose yari yarabonye bitarabura maze akabyandikisha ku mpapuro zera, igihe yavugaga ko ubwami buzaduka bukishyira hejuru ngo busumbe imana, ndetse ntibuziteho?

UMURONGO WA 38 Ahubwo mu cyimbo cyayo azubaha imana y'ibihome, nuko imana ba sekuruza batigeze kumenya azayubahisha izahabu n'ifeza, n'amabuye y'igiciro cyinshi n'ibintu by'igikundiye.

Duhura n'ibintu bijya gusa n'aho bivuguruzanyaga muri uyu murongo. Mbese ni mu buhe buryo ishyamba ryakwiragagiza imana icyo ari cyo yose, nyamara rikubaha imana y'ibihome? Ntabwo ryashobora gukora ibyo bintu icyarimwe, ahubwo rishobora mu gihe runaka kwiragagiza imana, noneho mu kindi gihe gikurikiraho rigatangira kuramya no kwita ku mana y'ibihome. Mbese impinduka nk'icyo yigeze ibya mu Bufaransa muri kiriya gihe?—*Yego, yarabaye*. Kugerageza guhindura Ubufaransa ishyamba ritangira Imana byatumye abantu bahinduka ibyigenge ku buryo abategiye batinye ko ubutware bushobora kubava mu biganza, bityo babona ko igihugu gikeneye kugira uburyo runaka bwo kuramya. Nyamara ntabwo bari bagamije gushyiraho itsinda iryo ari ryo ryose rishobora kongera imbaraga mu byo kuramya, cyangwa se guteza imbere ibya Mwuka mu bantu, ahubwo icyo bashakaga ni icyatuma batava ku bategiye, kandi kikubaha amahirwe yo kuyobora imbaraga zose ziri hagati mu gihugu. Amagambo amwe yakuwe mu mateka azatwereka iki kintu. Umudendeko ndetse n'igihugu ni byo byabanye gusengwa ku ikubitiro. “Umudendeko, uburinganire, imico myiza n'imyatwarire myiza,” ni yo yari amagambo bashyiraga imbere agaragaza imana ishyamba ryabo ryasengaga nubwo ibi byari igihabane cy'ibyo bari bafite mu by'ukuri cyangwa ibyo berekanaga mu bikorwa. Mu mwaka wa 1793 ni bwo kuramya “Ikigirwamanakazi cy'Intekerezo” byashyizweho; kandi ibyo bisobanurwa n'umunyamateka mu magambo akurikira:

“Bimwe mu birori byo kwizihiza iki gihe kirimo ibisazi usanga nta kindi byagereranywa na byo bitewe n'urujijo ruvanye no kutubaha Imana byari bibirimo. Inzugi z'inzu y'ihuriro rikuru zari zikinguriwe itsinda ry'abanyamuziki, bari barangajwe imbere n'abagize inama y'ubuyobozi bw'umujyi binjiraga ku murongo muri gahunda baririmba indirimbo

¹²³ *Ibid.*, p. 24.

yubahiriza umudendeze, bari baherekeje ikimenyetso cyerekanaga imana bazajya baramya mu gihe kizaza, ari cyo mukobwa bari bafubikishije igitambaro maze bamwita Ikigirwamanakazi cy'Intekerezo. Amaze kugezwa imbere, yaratwikuruwe afite ishusho ikomeye, maze ashyirwa mu kuboko kw'iburyo kwa perezida; igihe bari bamaze kumubona bamenye ko ari umukobwa wajyaga abyina mu makinamico, bamenya no mu maso he hari hasanzwe hakurura abamurebaga igihe yabaga akina imikino, mu gihe abantu ku giti cyabo barushagaho gutekereza. Inama nkuru yose y'igihugu cy'Ubufaransa yaramije uyu muntu wari mu mwanya ukwiriye wo guhagararira Intekerezo, maze bamuha icyubahiro gikomeye mu maso y'abantu benshi. Iyi shusho y'urukozasoni yiyoberanyije kandi idafite kubaha Imana yari ifite uburyo igaragara. Kandi uburyo Ikigirwamana cy'Intekerezo cyari gishinzwemo bwagiye buvugururwa kandi buriganwa mu gihugu hose, ahantu hose abenegihugu babaga bifuje kwerekanira ko bashyigikiye impinduramatwara ku rwego rwo hejuru."¹²⁴

Umunyamateka w'Umufaransa wo mu bihe bya vuba witwa Louis Madelin yaranditse ati:

"Abagize inama bamaze kwitwararika ku bijyanye n'uko bari bahugijwe n'imirimo myinshi, umurongo w'abantu bashoreranye (b'ingeri zitandukanye) bagiye aho ikigirwamanakazi cyari kiri ahitwa i Tueleries, maze bari imbere yacyo bategeka abagize inteko ishingamategeko gutora itegeko ry'uko urusengero rwitwaga Notre Dame ruhindutse *Urusengero rw'Intekerezo*. Ibyo babonye ko bidahagije, ikindi kigirwamanakazi cy'Intekerezo, umugore wa Momoro wari umwe mu bagize inama Nkuru y'igihugu, yahagaritswe ahitwa i Saint-Sulpice mu kindi cyumweru cyakurikiyeho. Hadashize igihe kirekire ibyo bitaga *uburenganzira n'Intekerezo* byari bimaze gukwira hose mu gihugu cy'Ubufaransa: ibintu birenze kiyobora byabagaho kenshi na kenshi, hano bakahashyira ikigirwamanakazi cy'umuryango mwiza n'imyifatire ikwiriye naho hariya bakahashyira ikindi. Niba ari ukuri ko uruhande rumwe rw'ibi byitwaga ukwishyira ukizana rwari ruhambirijwe igitambaro cyanditsweho aya magambo ngo : '*Ntumpinduremo Uruhushya!*' Igitekerezo dushobora gutanga, ntabwo cyari kuba ari ikintu gikenewe mu gice icyo ari cyo cyose cy'u Bifaransa: ahitwa i Lyons, tubwirwa inkuru y'iby'indogobe banywesheje vino igikombe kinini. ... maze uwitwa Payan abibonye arasakuza cyane ati : 'izi manakazi zarangiritse cyane kurenza izivugwa mu migani mihimbano.'"¹²⁵

Mu gihe kuramya ikigirwamana cy'intekerezo kwari kuzuyemo ubwaka ari ko kwari kwigaruriye ibitekerezo by'igihugu cyose, abari bayoboye iyo mpinduramatwara muri icyo gihe bazwi mu mateka nk' "abahakanamana." Nyamara bidatinze, byagaragaye ko idini itanga ibihano bikarishye kurusha iyakurikirwa n'abantu mu buryo bw'ihururu muri icyo gihe igomba

¹²⁴ Sir Walter Scott, *Life of Napoleon Bonaparte*, Vol. 1, pp. 239, 240.

¹²⁵ Louis Madelin, *The French Revolution*, p. 389.

gushyirwaho kugira ngo ibumbire abantu hamwe. Kubw'ibyo rero, uburyo bwo kuramya bwakurikiyeho, kandi icyaranywaga muri icyo gihe, cyari ikitwa "Ikizima Gihebuje." Ubwo buryo bwo kuramya nabwo nta kintu gifite umumaro bwari bwifitemo turamutse dutekereje ku bijyanye n'ubugorizi bw'imibereho no kubaha Imana gufite imbaraga, ariko bwo bwitirirwaga ikintu ndengakamere. Kandi nubwo Ikigirwamanakazi cy'Intekerezo cyari imana "idasanzwe mu by'ukuri," amagambo ajyanye no kubahiriza "Imana y'ingabo," niyo yari gusobanura neza iyi ntambwe iheruka yari igezweho.

UMURONGO WA 39 Kandi azanesha ibihome birusha ibindi gukomera afashwa n'iyi mana itigeze kumenywa, uzamwemerera wese azamwogezanya icyubahiro, abahe gutwara benshi kandi azabagabira igihugu ho ingororano.

Uru rusobe rw'ubupagani rwari rumaze gutangizwa mu Bufaransa rugaragarira neza mu buryo bwo kuramya ikigirwamana cyari cyashyizweho mu ishusho y'Ikigirwamanakazi cy'Intekerezo, kandi rukayoborwa n'imigenzo ya gipagani yari yarahawe imbaraga n'itegeko ry'Ihuriro Rikuru kugira ngo igirire akamaro abaturage b'u Bufaransa, byakomeje bityo kugeza igihe bashyiriyeho Napolewo ngo abe umuyobozi mukuru w'u Bufaransa mu mwaka wa 1799. Abari abayoboke b'iri yobokamana ridasanzwe bari batuye mu bihome, ahantu hubatswe harinzwe ho muri icyo gihugu nk'uko bivugwa muri uyu murongo.

Ariko igifasha gutahura ko ubusobanuro bw'ubu buhanuzi buhura n'igihugu cy'u Bufaransa ahari mu buryo bwumvikana kandi bwihariye, ni amagambo yavuzwe mu mugabane uheruka w'uyu murongo ahavuga ko bari bakwiriyeye "kugabanya igihugu ho ingororano." Mu minsi yabanjirije impinduramatwara, umutungo ushingiyeye ku butaka w'u Bufaransa wari ufite ahanini n'Itorero Gatulika n'abandi batware bakeya, bityo igihugu kikaba cyari kigabanijemo ibikingi binini cyane. Amategeko yavugaga ko ibyo bikingi bitagomba kongera kugabanywamo ku buryo abajyaga kuragwa iyo mitungo cyangwa se abishyuzwa batashoboraga kubigabanyamo. Nyamara impinduramatwara ntikumirwa n'amategeko, kandi igihe kitarimo amategeko nk'icyo bari barimo, nk'uko na none bivugwa mu gitabo cy'Ibyahishuwe 11, amazina y'icyubahiro yari yarahawe imfura zo mu gihugu yakuweho, maze amasambu yabo agabanywamo amasambu mato mato kugira ngo umusoresha wo muri rubanda yungukirwe. Ubutegetsi bw'igihugu bwari bukeneye amafaranga, kandi ibi bikingi binini cyane byari byarigaruriwe n'abantu bamwe, maze bakagenda babigurishamo amasambu mato ahuje n'ubushobozi bw'abaguzi. Umunyamateka agira icyo avuga ku bijyanye n'iki gikorwa cy'igurisha agira ati:

"Gufata bugwate umutungo w'ubutaka ungana na bibiri bya gatatu by'ubwo bwami, kwaturutse ku mategeko n'amateka yashyizweho n'Inama Nkuru kandi ayo mategeko akaba ataraciraga akari urutega abimukira, abayobozi b'iyobokamana, n'abandi bantu bari bakatiwe n'Inkiko mu gihe

cy'Impinduramatwara ... byinjije mu isanduku ya Leta imari ingana na miliyoi 700 z'amadolari yitwa Sterilingi,"¹²⁶

Mbese ni kindi gihe ki ikintu nk'iki cyabayeho, kandi ni ikihe gihugu kindi cyashohoje ubuhanuzi mu buryo bwuzuye nk'ubu?

Igihe iryo shyamba ryari ritangiye kwisubiramo, basabye ko habaho irindi yobokamana rishyira mu gaciro, maze imigenzo ya gipagani ivanwaho.

Umunyamateka abivugaho mu buryo bukurikira:

"Icyemezo cya gatatu kandi kirushijeho gukomera cyabaye icyo gukuraho umugenzo wa gipagani no kongera gukingura insengero kugira ngo kuramya kwa gikristo kongere kubaho; kandi ibyo byitiriwe mu buryo bwuzuye Napolewo wagombaga guhangana n'urwikekwe rwa bagenzi be hafi ya bese bitwaga abacurabwenge. Igihe yaganiraga na bo, ntiyigeze abishushanyaho ngo abereke ko yizera iby'Ubukristo; ahubwo yahagaze gusa mu ruhande rw'uko abenegihugu bari bakeneye uburyo buhoraho bwo kuramya igihe cyose bwaba bugamiye kubazanira umutuzo mu mitima. Abapadiri babaga basezeranye ko bazaba indahemuka ku butegetsi, basubizwaga mu mirimo yabo; kandi iki cyemezo kirimo ubwenge cyakurikijwe n'abantu batari munsu y'ibihumbi 200 by'abagabura b'iby'yobokamana bari bamaze igihe bababarizwa mu magereza yo mu Bufaransa."¹²⁷

Uko ni ko ubwami bw'iterabwoba n'impinduramatwara y'u Bufaransa byarangiye. Muri ayo matongo ni mo Bonaparte yahagurutse kugira ngo ayobore abo bantu bari mu muvurungano kugira ngo agere ku kwishyira hejuru kwe, kugeza ahindutse umuyobozi w'ubutegetsi bw'u Bufaransa, ndetse ahungabanye imitima y'amahanga.

UMURONGO WA 40 "Nuko mu gihe cy'imperuka umwami w'ikusi azamutera, kandi umwami w'ikasikazi azamutera ameze nka serwakira, azanye amagare n'amafarashi n'inkuge nyinshi atere ibihugu, abisandaremo nk'umwuzure w'amazi.

Abami b'Amajyepfo n'Abami b'Amajyaruguru na None mu Makimbirane.—Nyuma y'igihe kirekire, umwami w'amajyepfo n'umwami w'amajyaruguru bongeye kugaragara mu rubuga bahanganye. Nta kintu twahuye na cyo cyerekana ko tugomba gushakisha ahantu runaka kubariza ubu butegetsi uretse ahagaragaye nyuma gato y'urupfu rwa Alegizandere hari hagize imigabare y'amajyepfo y'ubwami n'ahari hagize imigabane y'amajyaruguru y'ubwami. Icyo gihe umwami w'amajyepfo y'ubwo bwami yari Egiputa, noneho umwami w'Amajyaruguru akaba Siriya wongeyeho Thrace na Aziya Ntoya. Mu gihe kirenga imyaka 400, Egiputa yakomeje gutegeka mu gice cyari kizwi nk'icy'umwami w'amajyepfo. Uwo mwami

¹²⁶ Archibald Alison, *History of Europe*, Vol. III, p. 25, 26.

¹²⁷ John Gibson Lockhart, *The History of Napoleon Buonaparte*, Vol. I, p. 154.

yari agifatanyije na Turukiya, agategeka icyo gihugu cyari cyarigeze bwa mbere kuba ahantu hategekwa n'umwami w'amajyaruguru.

Ubu busobanuro bw'ubuhanuzi burasaba yuko havuka amakimbirane hagati ya Egipta n'u Bugaransa, no hagati ya Turukiya n'u Bugaransa mu mwaka wa 1798, kandi nk'uko twabibonye, uyu mwaka ni wo watangiye ibihe byitwa iby'imperuka. Niba amateka ahamya ko iyo ntambara yafashe inguni eshatu yabayeho muri uriya mwaka, bizaba ari igihamya kidakuka cy'uko ubusobanuro bw'ubuhanuzi ari ubw'ukuri.

Kubw'ibyo rero turibaza tuti "Mbese ni ukuri koko ko mu minsi y'imperuka Egipta yaba yarasunitse cyangwa se ikaba yaragerageje kwihagararaho mu ntege nke, igihe Turukiya yari igabye igitero ku butegetsi bw'u Bugaransa? Twarangije kwerekana ibihamya bimwe na bimwe by'uko ibihe by'imperuka byatangiye mu mwaka wa 1798; kandi nta musomyi w'amateka ukeneye kubwirwa yuko muri uriya mwaka guhangana gukomeye kwagiye kwiyongera hagati y'u Bugaransa na Egipta.

Mbese ni ku ruhe rwego aya makimbirane yaba yaraturutse ku nzizi Napolewo Banaparte yari afite mu bwonko bwe zari zamushajije yifuza kugera ku cyubahiro gikomeye? Umunyamateka azabivuga mu buryo bwe; nyamara uyu Mugaransa, cyangwa se Napolewo, yakoze uko ashoboye kose kugira ngo agaragaze ko Egipta ari yo yakoze ubushotoranyi. "Mu itangazo rikoranywe ubuhanga, Napolewo yamenyesheje abaturage ba Egipta abahamiriza ko yari azanywe no guhana umuryango wari uri ku butegetsi w'Abamameluka kubera ko bari bateje igihombo ku bacuruzi b'Abafaransa; ko atifuzaga na busa kurimbura iyobokamana y'Abayisilamu, ahubwo ko yarushagaho kubaha Imana, Muhamadi n'Ikorowani kurenza uko Abamameluka babyubahaga. Yavuze n'uburyo Abafaransa bari bararimbuye Papa n'Abaniyiti b'ahitwa Malta bari bararwanyije Abayisilamu; bityo rero abari kujya mu ruhande rw'u Bugaransa cyangwa se ntibagire aho babogamira, bari kubona umugisha inkubwe eshatu; nyamara abari kubarwanya bakabona amakuba inshuro eshatu."¹²⁸

Intangiriro z'umwaka wa 1798 zagaragayemo ko Ubugaransa bwari bwiroshye mu mushinga munini wo kurwanya Ubwongereza. Urwego rushinzwe ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'igihugu rwasabaga Bonaparte guhita atangira kwambukiranya umuyoboro maze agashoza urugamba ku gihugu cy'Ubwongereza; nyamara aza kubona ko nta rugamba rwahuranyije nk'urwo rurimo ubushishozi rwashoboraga gutangizwa mbere y'igihe cy'umuhindo, kandi ntiyifuzaga gupfa gushyira mu kaga ugushimagizwa kwe kwagendaga kwiyongera muri icyo gihe binyuze mu kumara igihe cy'impeshyi cyose ntacyo akora. Umunyamateka aravugaga ati: "Nyamara yabonye igihugu cya kure, aho yashoboraga kubonera icyubahiro akarushaho gushimagizwa mu maso y'abenegihugu bagenzi be binyuze mu rukundo n'amayoberane yarimo akoreshwa. Egipta igihugu cy'Abafarawo

¹²⁸ *The Cambridge Modern History*, Vol. VIII, p. 599. By permission of Macmillan Company, publishers in the United States.

n'Abaputolemi yagombaga kuba ahantu hashya ho kubonera ibyishimo by'intsinzi."¹²⁹

Ariko mu gihe Bonaparite yari akirota iby'icyubahiro kirushijeho kuba cyinshi cyari kiri imbere y'amaso ye mu bihugu by'amateka byo mu burasirazuba bitari bigizwe na Egipta gusa, ahubwo byari bikubiyemo na Siriya, Ubuperesi, Hindusitani ndetse n'ibihugu bya Ganges ubwabyo, nta ngorane yari afite zo kwemeza Urwego rushinzwe ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'igihugu ko Egipta hari ahantu hafite integenke umuntu yanyura agaca intege rwose Ubwongereza binyuze mu kubangamira ubucuruzi bwabo bakoranaga n'igice cy'uburasirazuba. Nuko akoresheje urwo rwitwazo rwavuzwe haruguru, batangiye kugaba igitero ku gihugu cya Egipta.

Kugwa k'ubupapa, ari na ko kwaranze iherezo ry'imyaka 1260, kandi dukurikije ibivugwa mu murongo wa 35 kwerekanye itangiriro cy'igihe cy'imperuka, cyatangiye muri Gashyantare 1798, igihe Roma yigarurirwaga na Berthier, wari Umujenarali w'Umufaransa. Ku italiki ya 5 y'ukwezi kwakurikiyeho kwa Werurwe, Bonaparte yakiriye itegekoteka ahawe n'Urwego rushinzwe ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'igihugu rimuha uburenganzira bwo kugaba igitero kuri Egipta. Yahagurutse i Paris ku italiki ya 5 Mata, maze ahagurutsa amato mu cyambu cyitwa Toulon ku italiki ya 19 "afite ingabo nyinshi zuzuye amato 13 y'intambara, n'andi 14 ashinzwe kurinda amato manini (amwe muri yo ntabwo yarimo intwari), ajyana n'andi mato mato menshi y'intambara n'andi asaga 300 yo kwikorera imizigo. Ingabo zigera ku bihumbi 35 zari ziri mu mato, ndetse n'amafarashi 1230. Iyo tubariyemo abakozi bo mu mato, itsinda ry'intumwa z'abantu b'abahanga bari batumwe kureba ibyiza byo muri Egipta, n'abagaragu, umubare w'abantu bose bari bari mu mato wanganaga n'ibihumbi 50; hari n'abavugaga ku bageraga ku bihumbi 54."¹³⁰

Ku italiki ya 2 Nyakanga, Alegizandiriya yari ifashwe, maze bahita bayigotesha ingabo. Ku italiki ya 21, intambara rurangiza yiswe Urugamba rwa Piramide yararwanywe, muri rwo Abamameluki bagerageza kurwana bahaze amagara yabo, nyamara ntibashoboraga kunganya imbaraga n'ingabo nyinshi z'Abafaransa zari zaratojwe neza. Muradi Bey ahatakariza intwari ze zose, ingamiya 400, n'abantu ibihumbi bitatu. Igihombo ku ruhande rw'Abafaransa cyari gitoya cyane ugereranyije n'icy'abo barwanaga. Ku italiki ya 25, Bonaparite yinjiye i Kayiro ari wo murwa mukuru wa Egipta, nuko ategereza gusa yuko imyuzure y'umugezi wa Nili igabanuka maze agakurikirana Muradi Bey mu majyaruguru ya Egipta aho yari yarahungiyeye we n'ingabo ze zari zashegeshwe bikomeye, nuko atsinda atyo igihugu cyose uko cyakabaye. Uko ni ko umwami w'amajyepfo yabashije kwihagararaho ku rwego rutoya.

¹²⁹ James White, *History of France*, p. 469.

¹³⁰ *The Cambridge Modern History*, Vol. VIII, pp. 597, 598. By permission of Macmillan Company, publishers in the United States.

Nyamara amaze kugera kuri urwo rwego, ni bwo ibya Napolewo byatangiye kuzamo ingorane. Amato y'intambara y'Ubufaransa, ari na yo yari umuyoboro rukumbi umuhuza n'Ubufaransa yari yashenywe n'Abongeleza bari bayobowe na Nelson ahitwa Aboukir. Mu kwezi kwa Nzeli ku italiki ya 11, mu mwaka wa 1798, umwami wa Turukiya ku bw'ishyari yari agiriye Ubufaransa, amaze kuzuzwa ibitekerezo mu buryo bw'ubucakura bwari bwateguwe n'Umuwugizi w'igihugu cy'Ubwongereza wakoreraga i Constantinople, yahagaritswe umutima n'uko Egipta yari imaze igihe kirekire isa n'aho igengwa ku rwego runaka n'ubwami bw'Abatirike-Ottoma, yatinye ko yahinduka imwe mu ntara z'Ubufaransa, maze atangaza ko agiye gushoza intambara ku Bufaransa. Muri ubwo buryo, umwami w'amajyaruguru (Turukiya) aba aramuteye (atera u Bufaransa) mu mwaka umwe n'uwo umwami w'amajyepfo (Egipta) "yasunikiyemo" kandi bigakorwa mu "bihe by'imperuka." Iki ni ikindi gihamba gikomeye cy'uko umwaka wa 1798 ari wo mwaka utangira cya gihe—byose bikaba byerekana ko ubu busobanuro bw'ubuhanuzi ari ubw'ukuri. Nuko rero ibintu byinshi byabayeho bigenda bihuriza neza ku by'ubuhanuzi bwari bwarerekanye ntibishobora kubaho mu buryo bihuriye hamwe, hanyuma ngo bye kuba bisohoje ubwo buhanuzi.

Mbese kuza k'umwami w'amajyaruguru ntikwabaye nka serwakira ukugereranyije n'ukuntu Egipta yagerageje gusunika? Napolewo yari yamenaguye ingabo za Egipta, maze agerageza no kugenza atyo ingabo z'umwami wa Turukiya zari ziteye ziturutse mu ruhande rwa Aziya. Yatangiye urugendo rwe avuye i Kayiro yerekeje muri Siriya muri Gashyantare ku wa 27, 1799, afite ingabo ibihumbi 18. Yabanje gufata ahitwa Fort El-Arish ho mu butayu, akurikizaho ahitwa Jaffa (ari ho i Yopa havugwa na Bibiliya), atsinda abaturage ba Naplous ya Zeta nuko yongera gutsinda ahitwa Jafet. Hagati aho umutwe ukomeye w'ingabo z'Abanyaturukiya zari zashinze ibirindiro bikomeye ahitwa St Jean d'Acre, mu gihe andi marumbo y'ingabo z'Abasilamu yari yateraniye mu misozi ya Samariya, biteguye kuza guhubukana Abafaransa igihe bari kuba bagose Acre. Muri icyo gihe na none Sir Sidney Smith yatungutse aharebana na Jean d'Acre ari kumwe n'amato abiri y'Abongereza, aje gutera ingabo mu bitugu abasirikari b'Abanyaturukiya bari barinze aho hantu, maze baba bafashe urutindo ingabo z'Abafaransa zambukiragaho, izo Napolewo yari yatumye ngo zize kugota zinyuze inzira y'inyanja ziturutse Alegizandiriya. Bidatinze amato arwanira mu mazi y'ingabo z'Abanyaturukiya aba arahatungutse, ari nayo yari afatanyije n'amato y'Abarusiya n'ay'Abongereza bikarema "amato menshi" y'umwami w'amajyaruguru.

Ku italiki ya 18 Werurwe baragerereje. Inshuro ebyiri zose Napolewo yahamagariwe kuva aho hantu kugira ngo abashe kugira imitwe y'abasirikari b'Abafaransa abasha kurokora ngo zitagwa mu maboko y'abo Bayisilamu bari buzuye igihugu. Na none, icyuho cyaciwe mu nkike z'umurwa inshuro ebyiri zose, nyamara bene kugaba igitero bagahura n'ubukana bw'ingabo zari ziharizze ku buryo bisanze bagomba gusubira inyuma bakareka

urugamba nubwo bari bagerageje uko bashoboye kose. Nyuma y'iminsi 60 ibintu bimeze bityo, Napolewo yaretse kugota aho hantu maze avuza ikondera ngo ingabo zisubire inyuma ku nshuro ya mbere uhereye igihe yatangiriye kurwana; maze ku italiki ya 21 Gicurasi 1799, atangira urugendo rwe yerekeza muri Egiputa.

"...abisandaremo nk'umwuzure w'inyanja." Tumaze kubona ibintu byabaye bisohozwa mu buryo bugaragara neza uburyo umwami w'amajyepfu yagerageje gusunika, n'ukuntu serwakira yari iturutse ku mwami w'amajyaruguru igahuha ku ngabo z'Abafaransa. Kugeza magingo aya, turabona uguhuza mu busobanuro bw'ubuhanuzi. Noneho tugeze aho abasobanuzi batangira kunyuranya mu bitekerezo byabo. Mbese ni nde amagambo ngo *"abisandaremo nk'umwuzure w'inyanja"* yavuzweho? Mbese ni ku Bafaransa cyangwa ni ku mwami w'amajyaruguru? Uguhuza ibyabaye n'ubuhanuzi bwo mu mugabane usigaye w'iki gice gushingira ku gisubizo duha iki kibazo. Uherye aha tugeze, hafatwa ibyerekezo bibiri by'ubusobanuro. Bamwe bahuza aya magambo n'Ubufaransa, maze bakagerageza gushakira ugusohozwa kwayo mu byo Napolewo yakoze. Abandi na bo bayahuza n'iby'umwami w'amajyaruguru yakoze, maze bakurikiza ibyo bakerekana ugusohora kwayo mu byabaye mu mateka ya Turukiya. Tuvuga kuri ibi byerekezo bibiri gusa, mu gihe hari abagerageza kuzanamo ubupapa, ariko bigaragara cyane ko ari ikintu kinini kubona ibimenyetso byacyo, bityo ubwo busobanuro bukaba atari ngombwa kubwitaho ahangaha. Niba muri ibi byerekezo byombi nta na kimwe kitagaragaramo ingorane, igihe twibwiye yuko nta na kimwe muri byo twavugaga ko ari cyo mu buryo budakuka, icyaba gisigaye gusa ni uko twafata icyerekezo gifite ibimenyetso birushijeho kugira uburemere bwinshi. Turaza kubona icyerekezo gifite ibimenyetso bigishyigikira cyane kurenza ikindi cyerekezo icyo ari cyo cyose, ku buryo bitakorohera kubona impamvu zigutera gushidikanya ibyerekeranye n'igitekerezo gitangwa hano.

Turukiya Ihinduka Umwami w'Amajyaruguru.—Turamutse dufashe ko ubusobanuro bw'uyu mugabane w'ubuhanuzi buhuza n'ibyo Napolewo cyangwa u Bufaransa bwakoze mu gihe cy'ubuyoboze bwe, ntidushobora kubona ibintu byabaye twashyigikiza ku rwego urwo ari rwo rwose ugusohora kw'ibivugwa mu mugabane ukurikira w'iki gice. Bityo rero ntitubona uburyo byasobanurwa bityo. Ku bw'ibyo rero, ubuhanuzi bugomba kuba bwarasohojwe na Turukiya, keretse gusa biramutse bishobokeye umuntu kwerekana yuko amagambo ngo *"umwami w'amajyaruguru"* yaba adahura na Turukiya, cyangwa ko hari ubundi butegetsi butari Ubufaransa cyangwa umwami w'amajyaruguru bwaba bwarashohoje uyu mugabane w'ubuhanuzi. Nyamara niba Turukiya ubu ibarizwa ahari umugabane w'amajyaruguru w'ubwami bwa Alegizandere atari yo mwami w'amajyaruguru uvugwa n'ubu buhanuzi, ubwo rero nta hame na rimwe twaba dusigaranye ryatuyobora kugira ngo dusobanukirwe n'ubuhanuzi. Twibwira yuko abantu bose bazemera ko nta hantu na hamwe wahera uzanamo ubundi butegetsi. Ubufaransa n'umwami w'amajyaruguru

ni bo bonyine ubuhanuzi bushobora kwerekezwa. Ugusohora k'ubuhanuzi kuri hagati yabo.

Hari abashyigikira rwose igitekerezo cy'uko mu mugabane uheruka w'umurongo wa 40 haba hari uguhererekanya umutwaro w'ubuhanuzi ukava ku butegetsi bw'Ubafaransa ukajya ku mwami w'amajyaruguru. Umwami w'amajyaruguru agaragazwa mbere ko aza nka serwakira, afite amagare y'intambara, abarwanira ku mafarashi, ndetse n'amato menshi. Twarangije kubona uguhangana k'ubwo bubasha bwombi. Umwami w'amajyaruguru afashijwe n'abari bamushyigikiye yabashije gutsinda iyo ntambara; maze Abafaransa barekeraho kwiruhiriza ubusa, barahindukira basubira muri Egipta. Noneho ubu, byajyaga gusa n'aho byoroshye guhuza ubusobanuro bwo "gusandara nk'umwuzure w'inyanja" n'ubwo bubasha/butegetsi bwahagurutse bukanesha intambara, kandi ubwo bubasha/butegetsi ni Turukiya.

UMURONGO WA 41 agere no mu gihugu gifite ubwiza. Benshi bazatikizwa keretse Abedomu n'Abamowabu n'imfura z'Abamoni, ni bo bazarokorwa mu kuboko kwe.

Amaze guhagarika intambara yari amaze gutakarizamo kimwe cya gatatu cy'ingabo ze zizize urugamba n'ibyago, Abafaransa basubiye inyuma bava ahitwa St. Jean d'Acre, maze nyuma y'urugendo runanije rw'iminsi 26 bongera kwinjira muri Kayiro mu gihugu cya Egipta. Bityo bazimiza n'ahandi hantu hose bari bafashe ho muri Yudaya, "n'igihugu cy'ubwiza" cya Palesitina, n'intara zaho zose ari zo hano bita "ibihugu", maze byongera kujya mu maboko y'ubutegetsi bw'ababakandamizaga b'Abanyaturukiya. Abedomu, Abamowabu n'Abamoni baboneka hanze y'ubutaka kwa Palestina, mu majyepfo no mu burasirazuba bw'inyanja ipfuye na Yorodani, bari bari hanze y'aho ingabo z'Abanyaturukiya zanyuze ziva muri Siriya zerekera muri Egipta, nuko bakira batyo ukoyogoza kw'icyo gitero. Ku bijyanye n'urwo rugendo rw'icyo gitero, Adamu Clarke yabyanditseho amagambo akurikira ati: "Aba ndetse n'abandi Barabu [Abanyaturukiya] nta muntu n'umwe wigeze abatsinda. Baracyatuye mu bihugu by'ubutayu, kandi baracyahabwa n'abami b'Abotomani igihembo cya buri mwaka kigizwe n'ibihumbi 10 by'amafaranga yitwa amapawundi (ubwo ni nk'ibihumbi 15 by'amadolari y'Abanyamerika)., kugira ngo bemerere abakora ingendo z'ibijyanye n'iyobokamana kwambukiranya ubutayu bajya i Maka."¹³¹

UMURONGO WA 42 Nuko azabangura ukuboko kwe ku bihugu bitari bimwe, n'igihugu cya Egipta ntikizamurokoka.

Igihe ingabo z'Abafaransa zasubiraga inyuma zikagera muri Egipta, amato y'intambara y'u Bwongereza yahise ageza ku cyambu cyitwa Aboulir abasirikari ibihumbi cumi. Uwo mwanya Napolewo yahise abagabaho

¹³¹ Adam Clarke, *Commentary on the Old Testament*, Vol. IV, p. 618, note on Daniel 11: 41.

igitero, ahirukana burundu ingabo z'Abanyaturukiya maze yongera gushinga ubwe butegetsi muri Egipta. icyakora muri icyo gihe, ibitero byo kwihimura ku ngabo z'u Bugaransa byabereye mu Burayi byatumye Napolewo asubiraye kugira ngo aye kurengera inyungu z'igihugu cye bwite. Ubuyobozi bw'ingabo mu gihugu cya Egipta bwabazirwe umujenerali witwaga Kleber, waje kwicwa n'Umunyaturukiya akamutsinda i Kayiro nyuma y'igihe kirekire yari amaze akora ataruhuka kugira ngo arengere inyungu z'ingabo yari ayoboye, maze ingabo zisigara ziyobowe n'uwitwaga Abdallah Menou. Ugutakaza abasirikari kose kwabagaho kwari ikintu gikomeye cyane ku ngabo zabaga zitari kongerwamo abandi.

Hagati aho, ubutegetsi bw'u Bwongereza nk'abantu bari bafatanyije n'Abanyaturukiya, bwari bwarafashe icyemezo cyo kwambura u Bugaransa igihugu cya Egipta. Ku italiki ya 15 Werurwe 1801, ubwato bw'intambara bw'Abongereza bwageze ku cyambu cya Aboukir buzanye abasirikari. Umunsi wakurikiyeho u Bugaransa bwabagabyeho igitero nyamara burananirwa busubira inyuma. Ku italiki ya 18 Aboukir yarafashwe. Ku italiki ya 28, ubwato bw'Abanyaturukiya buzana abasirikari kandi ingabo nyinshi zari ziyobowe n'umusirikari ukomeye zendaga kugera aho ziturutse muri Siriya. Ku italiki ya 19, ahitwa Rosetta hafashwe n'izo ngabo z'Abongereza n'Abanyaturukiya zari zibumbiye hamwe. Ahitwa i Ramanieh, abasirikari 4.000 b'Abafaransa batsinzwe n'Abasirikari 8.000 b'Abongereza bari bafatanyije n'abasirikari 6.000 b'Abanyaturukiya. Ahitwa Elmenayer, ingabo z'Abafaransa 5.000 zasubiye inyuma ku italiki ya 16 Gicurasi maze zihunga umusirikari ukomeye wari ubokeje igitutu yerekeza i Kayiro afite abasirikari ibihumbi 20. Ingabo zose z'Abafaransa zagotewe i Kayiro no muri Alegizandiriya. Kayiro yamanitse amaboko ku italiki ya 27, naho Alegizandiriya ifatwa ku italiki ya 2. Nyuma y'ibyumweru bine, ni ukuvuga ku italiki ya 1 Ukwakira 1801, amasezerano abanziriza guhagarika intambara yasinyiwe i London ni Bwongereza.

Amagambo ngo "n'igihugu cya Egipta na cyo ntikizarokoka" yari yaravuzwe n'ubuhungu. Iyi mvugo yasaga n'iyerekana ko Egipta yari kwigarurirwa n'ubutegetsi itifuzaga ko buyiyobora. Mbese iki kibazo kigaragara gite urebye uburyo Abanyegiputa bifashe hagati y'Abafaransa n'Abanyaturukiya? Bahisemo Abafaransa. Mu gitabo cyiswe *Ingendo zo muri Turukiya, Egipta, Nubiya, na Palestina* cyanditswe na R.R. Madden, havugwamo ko Abanyegiputa bakundaga Abafaransa kuruta uko bakunze Abanyaturukiya, kandi bakabashimagiza nk'abantu b'abagiraneza; ku buryo mu gihe gitoya bahamaze, bahasize ibimenyetso by'iterambere; kandi ngo iyo baza kuhashinga ubutegetsi bwabo bugakomera, ubu ngubu Egipta iba iri ku rwego ruteye imbere ugereranyije n'urwo iriho ubu.¹³² Ukurikije ibyanditswe muri ubu buhamya, imvugo yakoreshejwe mu Byanditswe Byera wasanga ko itari ikwiriye umuntu aramutse ayihuje n'u Bugaransa, kubera yuko Abanyegiputa batifuzaga kuva mu maboko

¹³² Richard Robert Madden, *Travels in Turkey, Egypt, Nubia, and Palestine*, Vol. I, p. 231.

y'Abafaransa. Bifuzaga koko kuva mu maboko y'Abanyaturukiya, nyamara ntibyabashobokeraga.

UMURONGO WA 43 Ndetse azahindura ibintu by'umurimbo by'izahabu n'ifeza, n'ibindi bintu by'igicro cyinshi byo muri Egipta, Abanyalibiya n'Abanyetiopiya bazamushagara.

Kugira ngo twerekane neza iby'uyu murongo turifashisha amagambo akurikira y'umunyamateka wanditse ku byerekeye Mehemet Ali, umutegets w'Umunyaturukiya wayoboye intara ya Egipta nyuma yo gutsindwa kw'Abafaransa:

“Umusirikari ukomeye mushya [w'Umunyaturukiya] yatangiye gushaka imbaraga kugira ngo arebe uburyo yazagundira ubutegets bwe muri Egipta ku bw'inyungu ze n'inyungu z'umuryango we. Mbere na mbere yabanje gushyiraho itegeko ry'uko abo ayoboye bagomba gutanga umusoro uremereye kugira ngo yohereze imisoro nk'iyi i Constantinople maze abashe kugusha neza Umwami, bityo bigaragare neza ko umuyobozi w'intara ya Egipta akwiriye kugumaho kugira ngo akomeze gusigasira inyungu z'umwami. Mu gukurikiza ihame nk'iryo, yakoresheje uburyo bwinshi bwo kurenganya abantu kugira ngo abashe kwigwizaho imitungo myinshi. Yangiye abantu benshi gusimbura bagenzi babo mu myanya kandi babyemererwa n'amategeko; yatwitse inyandiko zihabwaho abantu uburenganzira ku mitungo yabo maze arayigarurira. Muri make, yasuzuguye uburenganzira bwemerwa ku rwego rw'isi yose ku byerekeranye no kugira umutungo. Imyivumbagatanyo ikomeye yakurikiyeho, nyamara Mohammed Ali yari abyiteguye, kandi akoresheje ugushikama mu birindiro kwe, yabashije kugaragaza yuko abavugaga ko hari ibyo batishimiye, ari abashaka ubushotoranyi bo mu ruhande rw'Abasheyiki (Sheikhs: abantu bo mu miryango ikomeye ya cyami). Imisoro yakomeje kongerwa, maze igakusanyirizwa mu biganza by'abasirikari bari abayobozi. Mu kugenza atyo, rubanda rugufi rwarushagaho gutindahara.”¹³³

UMURONGO WA 44 Ariko inkuru zivuye iburasirazuba n'ikasikazi zizamuhagarika umutima, aveyo arakaye cyane azanywe no kurimbura, abenshi azabakuraho pe.

Umwami w'Amajyaruguru mu Makuba.—Kuri uyu murongo, hari amagambo Adam Clarke yanditse dukwiriye kwitaho. Aravugaga ati: “Uyu mugabane w'ubuhanuzi wemerewe kuba utarasohora.”¹³⁴ Aya magambo yayanditse mu mwaka wa 1825. Mu wundi mugabane w'ubusobanuro bwe aravugaga ati: “Ububasha bw'Abanyaturukiya nibusobanuka neza nk'uko mu mirongo ibanza byagenze, bishobora gusobanura yuko Abaperesi bo mu burasirazuba n'Abarusiya bo mu majyaruguru mu gihe runaka bazakoza isoni ubwami bw'Abotomani.”

¹³³ Clara Erskine Clement, Egypt, pp. 389, 390.

¹³⁴ Adam Clarke, *Commentary on the Old Testament*, Vol. IV, p. 618, note on Daniel 11: 44.

Hagati y'aya magambo ya Adamu Clarke yo guteganya yanditswe mu mwaka wa 1825 n'igihe cy'intambara y'Abakarima (Crimean war) yabayeho kuva mu mwaka wa 1853—1856 hari uguhura kw'ibintu mu buryo butangaje iyo urebye ukuntu ubwo bubasha bwombi ari bwo bw'Abaperesi mu ruhande rw'iburasirazuba n'ububasha bw'Abarusiya mu ruhande rw'amajyaruguru ari bo bahembereye ayo makimbirane. Amakuru yaturutse muri ubwo butegetsi yahagaritse umutima Abanyaturukiya. Inyifato yabo n'ingendo zabo zateye umwami w'Abanyaturukiya kurakara no kubihimuraho. Uburusiya nibwo bwabanje guterwa kubera ko ari bwo bwari bwabanje gushotorana cyane. Turukiya yatangaje ko igiye kurwana n'umuturanyi wayo ukomeye wari mu majyaruguru mu mwaka wa 1853. Abari mu isi bategereje batangaye ngo barebe ukuntu ubutegetsi bwari bumaze igihe bwitwa "Umuntu w'umurwayi wo mu Burasirazuba," (ubutegetsi bwari bifite ingabo zitagira ibyiringiro n'ubutwari ndetse zikaba zari zaracitse intege, ubutegetsi butari bugifite ubutunzi, ubutegetsi bwari bufite abayobozi b'abanyamicomibi ndetse bakagira ubugoryi, ndetse abaturage babwo bakaba bari abantu b'ibyigomeke bahoraga bashaka kwivumbura ku babategeka), bwakwihutira gushoza intambara. Ubuhanzu buvuga yuko bari kuvuye "barakaye cyane" kandi koko igihe bavagaye bagiyemo mu ntambara nk'uko byari byaravuzwe mbere, bavuye mu rurimi rwabo rwa kavukire uko bari bameze mu mvugo itarimo kubaha nk'uko byanditswe n'umwanditsi w'Umunyamamerika ngo "barwanye nk'abadayimoni." Ni ukuri ko Ubwongereza n'Ubufaransa bidatinze baje gufasha Turukiya; ariko yagiye mu buryo bwashobanuwe kandi buvuye ku bwamuhesheje intsinzi na mbere yuko aterwa inkunga n'ubwo bubasha bundi bwari buje kumushyigikira.

UMURONGO WA 45 Azabamba amahema y'ubwami hagati y'inyanja n'umusozo wera ufite ubwiza, nyamara azaba ageze ku munsu w'imperuka ye, nta wuzamuvuna.

Iherezo ry'Umwami w'Amajyaruguru.—Twakurikiranye inzira y'ubuhanzu bwo mu gice cya 11 cy'igitabo cya Daniyeli intambwe ku ntambwe none tugeze kuri uyu murongo ushira. Uko tubona ko ubuhanzu bwatanzwe n'Imana bugenda busohozwa mu mateka, kwizera kwacu kurushaho kungukira imbaraga mu gusohozwa guheruka kw'ijambo rya gihanuzi ryavuzwe n'Imana.

Ubuhanzu buri mu murongo wa 45 bwibanda ku bubasha buzwi nk'umwami w'Amajyaruguru. Ni ububasha buzatwara igihugu cyahozwe kiyoborwa mbere n'umwami w'Amajyaruguru (reba mu gice cya 11, ahavuye iby'umwami w'Amajyepfo n'umwami w'Amajyaruguru).

Byavuzwe mbere ko umwami w'Amajyaruguru "azagera ku munsu w'imperuka kandi ntawe uzamuvuna." Uburyo n'igihe iherezo rye rizaza ndetse n'ahantu bizabera, dushobora guhugukira kubitegereza dufite amatsiko, kandi tuzirikana yuko kugiraneza kw'Imana ari ko kuyobora ahazaza hamahanga yo mu isi.

Bidatinze igihe ni cyo kizerekana iby'iki kibazo. Igihe iki kintu kizaba kimaze kubaho, mbese hazakurikiraho iki?—hazakurikiraho ibintu bitangaje by'ingenzi bitegerejwe n'abaturage b'isi yose, nk'uko igice gikurikira gihita kibitwereka.

INDUNDURO Y'AMATEKA IRAJE

DANIYELI 12

UMURONGO WA 1 «Maze icyo gihe Mikayeli, wa mutware ukomeye ujya ahagarikira abantu bawe azahaguruka, hazaba ari igihe cy'umubabaro utigeze kubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho ukageza icyo gihe. Nuko icyo gihe abantu bawe bazaba banditswe mu gitabo, bazarokorwa».

Igihe kidakuka gisobanurwa neza muri uyu murongo, bidashatse kuvuga ko ari umwaka uyu n'uyu, cyangwa ukwezi uku n'uku, cyangwa umunsi uyu n'uyu, ahubwo ni igihe kimenyekanira ku kintu kimwe kizabaho gihurijwe hamwe n'icyo gihe. Mbese amagambo ngo "maze icyo gihe" yaba ashatse kuvuga ikihe gihe?—Ni igihe kiba cyari giherutse kuvugwa n'umurongo uheruka w'igice kibanziriza iki ngiki—ni igihe umwami w'amajyaruguru azabamba amahema y'ubwami hagati y'inyanja n'umusozi wera ufite ubwiza. Igihe iki kintu kizaba kibayeho, azaba ageze ku iherezo rye; kandi dukurikije ibivugwa muri uyu murongo, dutegereje ko icyo gihe Mikayile Umutware ukomeye azahaguruka.

Mikayile Ahaguruka.—Mbese Mikayile ni nde, kandi guhaguruka kwe bisobanuye iki?—Mikayile yitwa "marayika ukomeye" mu rwandiko rwa Yuda umurongo wa 9. Ibi bisobanuye umutware w'abamarayika, cyangwa se umuyobozi w'abamarayika. Hariho umuyobozi umwe gusa. Mbese uwo ni nde?—Ni wa wundi wumvikanisha ijwi rivugiye mu ijuru igihe abapfuye bazaba bazuwe. (1 Abatesalonike 4:16). Mbese nyiri ijwi ryumvikana ni inde iyo ubihuje n'ikizaba kiri kuba icyo gihe?—Ni ijwi ry'Umwami wacu Yesu Kristo. (Yohana 5: 28). Dusubiye inyuma tugashaka ibihamya by'iki kintu kugira ngo biba ishingiro ry'ibyo tuvuga aha, tugera ku mwanzuro ukurikira: Ijwi ry'Umwana w'Imana ni ijwi rya Marayika Ukomeye; bityo Marayika Ukomeye agomba kuba ari Umwana w'Imana. Nyamara Marayika ukomeye yitwa Mikayile; bityo rero, Mikayile rigomba kuba ari izina rihabwa Umwana w'Imana. Amagambo akoreshwa mu murongo wa 1 ngo "Umutware ukomeye ujya uhagarikira abantu bawe" arahagije kugira ngo duusobanukirwe neza n'uvugwa aha ngaha ko ari Umukiza w'abantu. Ni "Umwami w'ubugingo" kandi akaba "Umwami ndetse n'Umukiza." Ibyakozwe n'intumwa 3:15; 5:31. Ni Umwami Ukomeye.

"Ahagarikira abantu bawe." Yicishiriza bugufi kugira ngo afashe abagaragu b'Imana muri iyi mibereho ipfa, kandi ngo abacungure kugira ngo bazabe mu bwami bwe bwo mu gihe kizaza. Araduhagarikira twebwe abizera. Abantu be ni ingenzi cyane mu migambi ye afitiye ahazaza, kandi ntibashobora gutandukanywa n'umurage yabishyuriye igiciro. Bagomba kuba abatware muri wa munezero Kristo yabonaga uri kure ukamutera kwihanganira igitambo n'umubabaro byaranze ugutabara kwe yakoze kugira ngo arengere abantu bacumuye. Ni icyubahiro gitangaje! Akwiriye gushimirwa iteka ryose kuko yicishije bugufi kandi akatugirira imbabazi! Ubwami n'ubutware n'icyubahiro bibe ibye iteka ryose!

Noneho tugeze ku kibazo cya kabiri: Mbese guhaguruka kwa Mikayile bishatse kuvuga iki? Urufunguzo rwo gusobanukirwa n'aya magambo twararuhawe. Ruragira ruti: "Hazima abandi bami batatu i Buperesi;" "kandi hazima umwami ukomeye, azategokesha imbaraga nyinshi." (Daniyeli 11:2, 3). Nta gushidikanya gushobora kubaho kubyerekeye ubusobanuro bw'aya magambo ari muri izi ngero. Asobanura kwima ingoma ukaba umwami. Aya magambo ari mu murongo tugezeho nayo agomba gusobanura kimwe. Igihe Mikayile azahagurukira, azima ingoma maze atangire gutegeka.

Ariko se, Kristo ntabwo ateguka muri iki gihe?—Yego, ateguka isi n'ijuru afatanije ingoma y'ubwami na Se. (Abefeso 1:20-22; Ibyahishuwe 3:21). Nyamara iyi ngoma cyangwa ubu bwami, azabisiga igihe azaba agarutse. (1 Abakorinto 15: 24). Icyo gihe ni bwo ubutegetsu bwe buzatangira, ari bwo buvugwa muri iyi mirongo, ubwo azaba ahagurutse, cyangwa se afashe ubwami bwe bwite, yicare ku ntebe y'ubwami imaze igihe kirekire yarasezeranijwe Sekuruza Dawidi, maze yimike ubwami butazahanguka iteka ryose. (Luka 1: 32, 33).

Ubwami bw'iyi si buzahinduka ubw' "Uwiteka na Kristo we." Ikanzu y'ubutambyi igomba gushyirwa ku ruhande ikabererekera imyambaro ya cyami. Umurimo w'imbabazi uzarangira, maze igihe cyo kwemererwamo cyahawe abantu kigere ku iherezo. Icyo gihe ni bwo uwanduye azaba atagifite ibyiringiro byo kwezwa; kandi uwera na we ntabwo azaba akiri mu kaga ko kuba yagwa. Urubanza rwa buri wese ruzaba rwararangije kukatwa by'iteka ryose. Guhera icyo gihe kugeza igihe Kristo azabonekera mu bicu byo mu ijuru, amahanga azamenagurwa n'inkoni y'icyuma, ahinduke ubushingwe nk'ubw'ikibumbano cy'umubumbyi, azamenagurwa n'umubabaro utarigeze kubaho. Uruhererekane rw'amateka y'Imana ruzagera ku bantu banze Imana. Ubwo ni bwo Umwami Yesu azahishurwa mu ijuru "mu birimi by'umuriro kugira ngo ahore inzigo abataramenye Imana n'abanze kumvira ubutumwa bwiza." 2Abatesalonike 1:8. (Reba na none Ibyahishuwe 11:15; 22:11, 12).

Ibintu bikomeye kandi by'ingenzi bitangira kubaho igihe Mikayile ahagurutse. Arahaguruka cyangwa agafata ubwami, hari igihe gitambuka mbere yuko agaruka nk'umuntu kuri iyi si. Mbega uburyo ari ingenzi ko

tumenya umwanya arimo kugira ngo tubashe gukurikirana uko umurimo we ujya mbere, kandi tubashe gusobanukirwa igihe gikomeye kizaba kirushaho kutwegera, ari na cyo giheruka ugusabirwa kw'inyokomuntu, kandi kigashimangira ahazaza h'iteka ryose ha buri muntu!

Ariko se ni mu buhe buryo dushobora kumenya ibi? Ni buryo ki dushobora kwemeza ibiri kuba mu buturo bwo mu ijuru? Imana yatubereye nziza cyane kuko yadushyize mu biganza uburyo bwo kumenya ibi. Yatubwiye ko igihe ibintu runaka bikomeye bibaye mu isi, ibyemezo bikomeye bijyanye na byo biba biri gufatwa mu ijuru. Duhereye kuri ibi bintu bigaragara, tubasha kumenya ibitagaragara. Nk'uko twitegereza ibyaremwe tukagenda tukagera ku Mana yabishyizeho, ni ko binyuze mu bibera ku isi n'ibibera mu mateka, dukurikirana tukagera ku bintu bikomeye bibera mu ijuru. Igihe umwami w'amajyaruguru azabamba amahema hagati y'inyanja n'igihugu cy'ubwiza, Mikayile Umwami wacu azahaguruka, cyangwa se azahabwa ubwami na Se, yitegure kugaruka kwe kuri iyi si. Cyangwa se dushobora kubivuga muri aya magambo: Icyo gihe Umwami wacu azahagarika umurimo yakoraga nk'Umutambyi Mukuru, maze igihe cyo kwemererwamo kw'abari mu isi kube kirangiye. Ubuhanuzi bukomeye bw'iminsi 2300 butwereka intangiriro idashidikanywaho y'umugabane uheruka w'umurimo ukorerwa mu buturo bwo mu ijuru. Uyu murongo dufite imbere yacu uduha igihe kidushoboza gutahura ibihe byegera iherezo ry'icyo gihe.

Igihe cy'Umubabaro.—Mu buryo buhuriye hamwe no guhaguruka kwa Mikayile, hazabaho igihe cy'umubabaro utarigeze kubaho. Muri Matayo 24:21 tuhasoma iby'igihe cy'umubabaro utarigeze kubaho mbere hose, kandi ukaba utazongera kubaho. Uyu mubabaro washohojwe igihe ububasha bw'ubupapa bwatotezaga kandi bukica ab'itorero, kandi ibi byarangiye; nubwo hakurikijwe uko tubibona, tugitegereje igihe cy'umubabaro uvugwa muri Daniyeli 12:1. Mbese bishoboka bite ko habaho ibihe bibiri by'umubabaro, imyaka myinshi ku ruhande rumwe, buri cyose muri byo kikaba cyari gikomeye kurenza ibyigeze kubaho mbere yacyo, cyangwa se ibizagikurikira?

Kugira ngo twirinde ingorane zishobora kuboneka hano, nimureke twite kuri iri tandukaniro: umubabaro uvugwa muri Matayo ni umubabaro ugera ku itorero. Hariya Kristo arabwira abigishwa, kandi akaba ari bo avugaho mu gihe kizaza. Nibo barebwaga n'uwo mubabaro kandi kubwabo, iminsi y'umubabaro yagombaga kugabanywa. (Matayo 24: 22). Igihe cy'umubabaro kivugwa muri Daniyeli, ntabwo ari igihe cy'akarengane gashingiye ku iyobokamana, ahubwo ni ibyorezo bizagera ku mahanga yose. Nta kintu kigeze kubaho kimeze nk'icyo uhereye igihe amahanga yabereyeho, kuko ntibavugaga uhereye igihe itorero ryabereyeho. Uyu ni wo mubabaro uheruka ugomba kugera ku isi tubona muri iki gihe. Muri Matayo hari ikintu barenguriraho bavugaga ku bihe bizakurikira umubabaro: kubera ko igihe uzaba urangiye, ubwoko bw'Imana butazongera na rimwe kunyura mu gihe nk'icyo cy'umubabaro. Nyamara

hano muri Daniyeli nta kindi kintu barenguriraho cy'ibyerekeye ibizaba mu bihe bizakurikiraho nyuma y'umubabaro uhavugwa, kubera ko icyo gihe gisoza amateka y'isi. Icyo gihe gikubiyemo n'ibyago birindwi by'imperuka bivugwa mu gitabo cy'Ibyahishuwe 16, kandi kigaherukwa no guhishurwa k'Umwami Yesu aje mu bicu byo mu ijuru bimeze nk'ibirimi by'umuriro, aje kurimbura abanzi be. Nyamara umuntu wese izina rye rizaboneka mu gitabo (igitabo cy'ubugingo), azatabarwa akire uwo mubabaro; «kubera ko muri Siyoni ... hazaba abarokotse, nk'uko Uwiteka yabivuze, kandi mu barokotse hakazabamo abo Uwiteka azahamagara.» Yoweli 2 :32

UMURONGO WA 2 Kandi benshi bo muri bo bazaba barasinziriye mu gitaka bazakanguka, bamwe bazakangukira ubugingo buhoraho, abandi bazakangukira gukorwa n'isoni no gusuzugurwa iteka ryose.

Uyu murongo uhishura impamvu uguhaguruka kwa Mikayile ari ingenzi, cyangwa se ugutangira gutegeka kwa Kristo, kubera ko icyo gihe ari bwo kuzuka kw'abapfuye kuzabaho. Mbese uko ni ukuzuka muri rusange kuzabaho igihe cyo kugaruka kwa Kristo? Cyangwa kuboneka hagati y'igihe cyo guhabwa ubwami kwa Kristo no guhishurwa kwe ku isi afite ubwiza bwo kugaruka kwe (Luka 21:27) ariko ukuzuka kudasanzwe kuza ari igisubizo cy'ibyagaragajwe hano?

Ni mpamvu ki se zituma kutaba ukuzuka kwa mbere, cyangwa ukuzuka kubaho ku mpanda iheruka?—kubera ko abakiranutsi gusa hatabariwemo abanyabyaha, ari bo bazaboneka muri uwo muzuko. Abasinzirira muri Kristo icyo gihe bazakanguka, nyamara abasigaye ntibongera kubaho kugeza igihe imyaka igihumbi izaba irangiye. (Ibyahishuwe 20: 5). Umuzuko *rusange* w'abantu icyo gihe ugabanyijemo ibihe bibiri bikomeye: igihe cya mbere ni icy'umuzuko w'abakiranutsi bonyine uzabaho ubwo Kristo azaba agarutse, icya kabiri ni igihe cy'umuzuko w'abanyabyaha bonyine uzabaho nyuma y'imyaka igihumbi. Umuzuko *rusange* ntabwo ari umuzuko uhuriye hamwe abakiranutsi n'abanyabyaha. Buri tsinda muri ayo yombi ritandukanye n'irindi, kandi igihe gihita hagati y'imizuko y'ayo matsinda yombi kivugwa neza ko ari imyaka igihumbi.

Nyamara mu muzuko tubona muri uyu murongo tugezeho, benshi mu bakiranutsi ndetse n'abanyabyaha bazukira hamwe. Uwo rero ntushobora kuba umuzuko wa mbere uzaba ureba abakiranutsi bonyine; ndetse nta n'ubwo waba umuzuko wa kabiri uzaba wihariye ureba abanyabyaha bonyine. Mu miuronggo twasomye ngo benshi bo muri bo bazaba barasinziriye mu gitaka bazakangukira ubugingo buhoraho, ubwo rero ijamba «benshi» rishobora gusobanurwa nk'irikubiye hamwe abakiranutsi bose, kandi ukaba ari umuzuko w'abakiranutsi uzabaho ubwo Kristo azaba agarutse. Nyamara kuba bamwe muri abo benshi ari abanyabyaha, kandi bakaba bazukira gukorwa n'isoni no gusuzugurwa by'iteka ryose, bihita biba inzitizi yo gutanga ubusobanuro bumeze butyo.

Nonese, hari ahandi hantu twabona hari umuzuko wihariye cyangwa ufite bamwe ureba gusa? Mbese hari ahandi hantu haboneka ikintu gifitanye isano ya bugufi n'icyo mbere y'uko Umwami atunguka ku bicu? Umuzuko uvugwa hano ubaho igihe ubwoko bw'Imana buba burokowe igihe cy'umubabaro giheruka amateka y'isi, kandi mu Byahishuwe 22: 11 bisa n'aho uko gutabarwa gutangwa mbere yuko Umwami atunguka ku bicu. Igihe gishishana kibaho igihe haba hamaze gutangazwa ngo uwanduye mu mutima akomeze yandure n'ukiranirwa agakomeze akiranirwe, umukiranutsi agumye akiranuke n'uwera na we agumye yere. Icyo gihe ni bwo ibya buri wese biba byemejwe ubudasubirwaho. Igihe uyu mwanzuro w'urubanza uba umaze kuvugirwa ku bakiranutsi, ugomba kuba ari ugutabarwa kuri bo, kuko baba bamaze gushyirwa ahantu badashobora kugera mu kaga ko gukora ikibi cyangwa ngo bagitinye. Nyamara muri icyo gihe Umwami aba ataraza, kubera ko ahita yongeraho ngo «Dore ndaza vuba.»

Ugutangazwa kw'iri teka rikomeye kuba gushyize ikimenyetso ku guhabwa ubugingo buhoraho kw'abakiranutsi no ku guhabwa urupfu rw'iteka. Ijwi rituruka ku ntebe ya cyami y'Imana, rikavuga riti: «Birangiye!» (Ibyahishuwe 16:17). Biragaragara rwose ko iri ari ijwi ry'Imana, ari na ryo ryakunze kurengurirwaho igihe habaga havugwa ibyerekeye ibizaba ku munsu w'imperuka. Yoweli agira icyo arivugaho agira ati: «Uwiteka azivuga ari i Siyoni, arangurure ijwi ari i Yerusalemu. Ijuru n'isi bizatigita, ariko Uwiteka azabera ubwoko bwe ubuhungiro, abere Abisirayeli igihome.» (Yoweli 4: 16). Mu busobanuro bumwe ijamba «ubuhungiro» risimburwa n'ijamba «ahantu ho gusubirizwamo intege n'ubuhungiro». Nuko rero muri icyo gihe, ubwo ijwi ry'Imana rizumvikanira mu ijuru mbere gato yo kugaruka k'Umwana w'umuntu, Imana izaba ubuhungiro bw'abantu bayo, ari na byo bishobora gusobanura gutabarwa. Ikintu gitangaje giheruka kigiye kuba ku isi yaciriweho iteka. Imana iha amahanga yumiwe ikindi kimenyetso n'indahiro y'ububasha bwayo, maze ikazura abantu benshi bamaze igihe basinziriye mu mukungugu wo ku isi.

Uko ni ko tubona ko hariho igihe n'ahantu umuzuko wo muri Daniyeli 12: 2 uzabera. Umurongo wo mu gitabo cy'Ibyahishuwe werekana neza ko umuzuko wo mu buryo nk'ubu ugomba kubaho. «Dore arazana n'ibicu [ibi umuzuko wo mu buryo nk'ubu ugomba kubaho. «Dore arazana n'ibicu [ibi ntibishidikanywaho ko ari ukugaruka kwe] ; kandi amaso yose azamureba, [niamaso y'abantu bo mu mahanga bazaba bari ku isi] ndetse n'abamucumise na bo [aba ni abagize uruhare rufatika mu gikorwa giteye ubwoba cyo kubambwa kwe] bazamureba; kandi amoko yose yo mu isi azamuborogera.» (Ibyahishuwe 1: 7). Ababambye Umwami bagombaga kuguma mu bituro byabo kugeza ku iherezo ry'imyaka igihumbi no kuzukira mu iteraniro rusange ry'abanyabyaha muri kirya gihe, keretse gusa habayeho ibidasanzwe mu rubanza rwabo. Nyamara hano bivugwa yuko bareba Umwami igihe aba agarutse. Kubw'ibyo rero hagomba kubaho umuzuko wihariye ku bw'iyi mpamvu.

Nta gushidikanya birakwiriye ko bamwe mu babaye intwari mu byo gukiranuka, abakoze umurimo w'Imana kandi bakababazwa kubera ibyiringiro bari bafite mu kugaruka k'Umukiza, nyamara bagapfa batamubonye, bakagombye kuzuka mbere ho gato, kugira ngo barebe ibintu bizaba ku munsu wo guhishurwa k'ubwiza bwe; kimwe n'itsinda ry'abantu beza bavuye mu bituro byabo mu gihe cyo kuzuka kwe kugira ngo bitegereze ukuzuka kwe kw'icyubahiro (Matayo 27: 52, 53), kandi ngo babashe kumugaragira mu kunesha kwe igihe yajyaga iburyo bw'intebe ya cyami y'Imana Isumbabyose (Abefeso 4: 8). Na none hari bamwe babaye intwari mu byo gukora ibyaha, bakoze ibirenze iby'abandi bese mu gutukisha izina ry'Umukiza no gushyira igikomere mu murimo we, by'umwihariko babandi batumye apfa urupfu rubi rwo ku musaraba, bakamutuka kandi bakamukwena igihe yari afite umubabaro ukabiye yenda gupfa, abo bazazuka kugira ngo bibe nk'umugabane w'igihano kibakwiriye igihe bazitegereza kugaruka kwe mu bicu byo mu ijuru, bitegereze umuneshi wo mu ijuru, mu cyubahiro gikomeye n'ubwiza badashobora kwihanganira kurebesha amaso.

Ibivugwa ahangaha bitekerezwa na bamwe yuko bishobora kutubera igihamya cyo kubabazwa kw'iteka kw'ibitekerezo by'abanyabyaha, kubera yuko abafite imico nk'iyi bavugwa ko bazakangukira gukorwa n'isoni no gusuzugurwa by'iteka ryose. Mbese ni mu buhe buryo bashobora gukorwa n'isoni no gusuzugurwa by'iteka ryose, niba batabasha gutekereza iteka ryose? Twarangije kubibona ko gukorwa n'isoni bisaba ko ibitekerezo byabo biba bikora, ariko bizagaragara yuko ibyo atari ibintu by'iteka ryose. Iyi ntera isobanura izina ikoresheya iyo bigeze ku ijamba 'gusuzugurwa', ari na byo byiyumvo bigaragara mu bandi igihe barebye icyaha, kandi ntirerekana yuko ari ngombwa ko ubwenge bw'abo uko gusuzugurwa kureba bubibonekamo. Gukorwa n'isoni ku bw'ibibi byabo no kwangirika bizagurumanira mu mitima yabo igihe cyose bazaba babasha gutekereza. Igihe bazaba bamaze gupfa, bamaze kurimbuka kubera gukiranirwa kwabo, imico yabo y'ibizira n'imirimo yabo y'ibyaha bizatuma abakiranutsi bumva biteye igisuzuguriro igihe cyose bazaba babasha kubibuka. Uyu murongo rero nta gihamya utanga cy'iby'umubabaro w'iteka w'abakiranirwa.

UMURONGO WA 3 Kandi abanyabwenge bazarabagirana nk'umucyo wo mu isanzure ry'ijuru, n'abahinduriye benshi ku bukiranutsi bazaka nk'inyenyeri iteka ryose.

Umurage w'Agahozo.—Amagambo yo ku ruhande y'ubusobanuro akoresheya ijamba "abigisha" aho gukoresheya ijamba "abanyabwenge". N'abigisha bazaka nk'inyenyeri zo mu isanzure." Ibyo nyine bisobanuye abigisha ukuri bakayobora abandi ku kumenya ukuri muri icyo gihe kibanziriza igihe ibivugwa muri uyu murongo bizasohorezwamo. Mu gihe abari mu isi bagereranya igihombo n'inyungu, no kuba umwigisha w'ukuri bigira ikiguzi bisaba abakora uwo murimo muri iyi minsi. Bisaba ko bigomwa kuvugwa neza, bakigomwa ubuzima bworoshye, imibereho

myiza, ndetse kenshi na kenshi bakigomwa n'ubutunzi. Bisaba ko bakora cyane, bakikorera umusaraba, bakagira ibyo bigomwa, bagahomba inshuti zabo, bakihanganira gutukwa ndetse bakihanganira no kurenganywa nubwo bidakunze kubaho kenshi.

Ikibazo gikunze kwibazwa ni iki: Ni mu buhe buryo ushobora gukomeza isabato y'ukuri, maze wenda ugahura n'igihombo, umushahara wawe ukagabanuka, cyangwa se wenda ukabura ibyakunganiraga mu buzima? Mbega ukuntu byaba ari ukureba hafi uramutse utekereje ku kumvira ibyo Imana ishaka byaba ari inzira yo gushaka indamu! Mbega ukuntu ibi bihabanye n'iby'abahowe Imana batakunze amagara yabo ndetse bakemera no gupfa! Iyo Imana itegutse, ntidushobora kureka kuyumvira. Iyo tubajijwe ngo: "Ni mu buhe buryo ushobora gukomeza Isabato, ndetse ugasohozza izindi nshingano zirebana no kumvira ukuri?" natwe tuba dukwiriye gusubirisha iki kibazo ngo "Ni mu buhe buryo ahubwo udashobora kubikora?"

Mu minsi igiye kuza, abazagerageza gukiza ubugingo bwabo bazabubura, naho ababaga biteguye buri gihe gushyira ubugingo bwabo mu kaga kubwo kurwanirira ukuri n'Umwami wabo wo mu ijuru, bazahabwa ingororano z'icyubahiro basezeraniwe muri uyu murongo, kandi bazukire kurabagirana nk'inyenyeri zo mu isanzure. Ndetse nk'uko inyenyeri zitabasha kuvaho by'iteka n'iteka, icyo gihe ababaye abanyabwenge bazagaragara, no ku rundi ruhande abahisemo ubuhumyi n'ubupfapfa bazagaragara. Muri iki gihe abanyabyaha n'ab'isi bareba Abakristo bagatekereza ko ari abapfapfa n'abasazi, nuko bakihumuriza bibwira ko ari abanyabwenge kuko bahungira kure icyo bita ubupfapfa bw'Abakristo. Si ngombwa ko tubasubiza, kubera yuko abafata icyemezo nk'iki muri iki gihe bazagihindura bidatinze, kandi ibyo bazabikorana umwete mwinshi kandi mu buryo bubabaje ntacyo bizaba bibasha kubagezaho.

Hagati aho, ni amahirwe y'Abakristo kwishingikiriza ku guhumurizwa kuboneka muri iri sezerano ry'agatangaza. Gusobanukirwa n'ubunini bwaryo gushobora kugirwa gusa n'amasi yaka nk'inyenyeri ubwayo. Mbese izo nyenyeri abigisha b'ibyo gukiranuka bazaka nka zo iteka ryose ni izihe? Mbese zifite kurabagirana no gukomera no kuramba bingana iki bikoreshwa muri iki kigereranyo?

Izuba tubona mu rugaga rw'imibumbe iri mu kirere ni imwe muri izo nyenyeri. Iyo turigereranyije n'uyu mubumbe dutuyeho (urugero rwacu rworoshye cyane rwo gupimisha), tubona ari umubumbe muto mu bunini no mu bwiza. Umurambararo w'isi yacu wenda kungana na kilometero 12.872, nyamara umurambararo w'izuba ungana na kilometero 1.390.176. Ugereranyije iyo mibumbe mu bunini, izuba rikubye iyi si yacu inshuro ibihumbi 300. Ugereranyije ibyubatswe buri mubumbe muri yo, izuba ryavamo imibumbe ibihumbi 332 ingana n'iyi si yacu mu bunini. Mbega ukuntu ari rinini!

Nyamara se mbega ukuntu ibi bihabanye no kuba izuba ari ryo rinini cyane cyangwa ngo abe ari ryo ryaka cyane kurusha indi mibumbe iri mu

kirere! Intera iri hagati y'izuba n'iyi si yacu ijya kungana na kilometero miliyoni 150, rikomeza kugaragara nk'iriyiri hafi kandi rikayigiraho ububasha. Nyamara se iyo ugereranyije inyenyeri n'ubunini bw'isanzure, ubona zigaragara nk'utudomo twaka, tumurika ku yindi mibumbe izirusha ubunini kandi ikazirusha ubwiza. Inyenyeri idatembera mu kirere iri bugufi bw'urugaga rw'imibumbe isi yacu ibarizwamo iboneka mu gice cy'amajyepfo iri ku ntera ijya kungana na miliyoni 25 uvuye ku isi. Nyamara inyenyeri yo ku mpera y'urwo rusobe rw'inyenyeri iri ku ntera ingana n'iyi ngiyi inshuro ijana, cyangwa se hejuru ya miliyoni miliyoni ibihumbi 250; kandi ikaba yaka inshuro 2500 z'uburyo iri zuba ryacu ryakamo. Izindi na zo zirushijeho kuba zaka cyane; nk'urugero iyitwa Arcturus yohereza umucyo wikubye inshuro 158 uw'izuba; iyitwa Capella irekura urumuri rukubye urw'izuba inshuro 185. Hari n'izindi bityo bityo, kugeza ku nyenyeri irusha izindi kuba nini yitwa Rigel iboneka mu muryango w'inyenyeri witwa Oriyoni, ukwirakwiza mu kirere umucyo ukubye uw'izuba rimurikira kandi rikagenga imibumbe yacu inshuro ibihumbi cumi na bitanu. Mbese ni ukubera iki itatugaragarira ko yaka cyane? Intera iyitandukanya n'iyi si ireshya n'umurambararo w'uruziga iyi si yacu izengurukahaho inshuro miliyoni 33; kandi iyi si yacu iri ku ntera ya kilometero 399.274.000!¹³⁵ Imibare ntabwo ishobora kwerekana neza uko iyo ntera ingana. Birahagije kuvuga yuko umucyo wazo utangaje ugomba kwambukiranya ikirere nyine nk'uko umucyo wihuta—ufite umuvuduko urenze kilometero 299.274 ku isagonda—ukaba wakoresha igihe kirenga imyaka icumi kugera ngo ugere ku isi yacu. Hari izindi nyenyeri nyinshi ziri kure y'urusobe rw'imibumbe igaragiye izuba iyi si yacu iherereyemo.

Zimwe muri izi nyenyeri zitegeka ikirere zigiye ziri ukwazo nk'uko bimeze ku izuba ryacu. Izindi zigiye ziremye itsinda ari ebyiri ebyiri; ni ukuvuga yuko hari izigaragara nk'aho ari imwe nyamara mu by'ukuri ari ebyiri—amazuba abiri ari kumwe n'imibumbe iyagaragiye igenda izengurukanaho. Izindi ziba ari eshatu, izindi zikaba ari enye, naho izindi zikaba ari esheshatu.

Hejuru y'ibi, zerekana amabara y'umukororombya. Urusobe rumwe rw'inyenyeri rushobora kuba umweru, urundi ubururu, inyinshi muri zo ni umutuku, izindi umuhondo, izindi zikaba icyatsi kibisi. Mu ngaga zimwe z'inyenyeri, amazuba amurikiye urwo rusobe afite amabara anyuranye. Dogiteri Burr avuga atya ati: "Kandi nk'aho yakerekanye ko Umusaraba w'Amajyepfo ari wo mutwe w'inyenyeri mwiza kuruta iyindi yose iri mu kirere, kuko tuwubonamo itsinda ry'inyenyeri zirenze ijana zifite amabara y'umutuku, icyatsi kibisi, ubururu, n'amazuba asa n'ubururu buvanze n'icyatsi kibisi, zikaba zegeranye ku buryo zigaragara mu ishusho ijya kumera nka mpandeshatu nziza, cyangwa nk'urwunge rw'imitako yo kwambara."¹³⁶

¹³⁵ James H. Jeans, *The Stars in Their Courses*, p. 165.

¹³⁶ Enoch Fitch Burr, *Ecce Caelum*, p. 136.

Ibintu byose byo ku isi bimara imyaka mike bigatangira gusaza mu guhindura impumuro yabyo. Nyamara inyenyeri zo zikomeza kwaka mu bwiza zari zifite mu ntangiriro yazo. Ibinyejana byinshi n'imyaka myinshi birashize, ubwami bwarimitswe ubundi bugenda buhanguka. Tugenda dusubira mu mateka arimo umwijima n'igicucu; yemwe tugera no mu bihe byagiye bibaho kera igihe amategeko yabaga atariho maze hakabaho amahano, nyamara "inyenyeri zo mu ruturuturu ziririmba hamwe n'abana b'Imana bose bakarangurura ijwi ry'ibyishimo" (Yobu 38:7)—no muri kiriya gihe zari ziri mu ngendo zazo zitangaje. Mbega ukuntu twatinze kumenya ibi bintu. Abahanga mu by'inyenyeri batubwira inyenyeri itagaragara hanyuma y'izindi bitewe n'uko iri kure cyane urebeye mu cyuma kireba ibintu biri kure, kandi ifite umucyo utajya ucogora na rimwe mu ngendo zayo ufite ubushobozi bwo gukongora ibintu byose mu gihe kingana n'imyaka miliyoni iramutse igeze kuri uyu mubumbe. Nyamara umucyo wayo ntabwo ujya ugabanuka, nta n'ubwo imbaraga zayo zo kwaka zijya zicogora. Ikime cy'ubuto bwayo gisa n'aho kikiri gishya kuri zo. Nta kantu na gato kerekana integer nke zitewe n'ubusaze bw'uko imaze imyaka myinshi. Zihora zaka mu cyubahiro kitigera kigajuka kugeza iteka ryose.

Uko ni ko abahindurira benshi ku gukiranuka bazaka nk'inyenyeri. Bazazana ndetse n'ibyishimo mu mutima w'Umucunguzi. Uko ni ko bazarama iteka n'iteka.

UMURONGO WA 4 "Nuko Daniyeli, bumba igitabo ugifatanishe ikimenyetso kugeza igihe cy'imperuka, benshi bazajarajara hirya no hino kandi ubwenge buzagwira."

Igitabo cya Daniyeli gifatanishwa ikimenyetso.—"Amagambo" n'igitabo" bivugwa ahangaha nta gushidikanya ko birengurira ku bintu byari byahishuriwe Daniyeli muri ubu buhanuzi. Ibyo bintu byagombaga guceceka ndetse bigashyirwaho ikimenyetso kugeza mu gihe cy'imperuka. Ibyo ni ukuvuga ko bitagombaga kwigwa mu buryo budasanzwe, cyangwa ngo byumvikane mu rwego runini, kugeza ubwo icyo gihe kizaba kigeze. Igihe cy'imperuka, nk'uko twarangije kubyerekana, cyatangiye mu mwaka wa 1798. Igihe igitabo cyabumbwaga kandi kigashyirwaho ikimenyetso kugeza icyo gihe. Icyo byerekezagaho mu buryo bugaragara ni uko muri icyo gihe, cyangwa se guhera icyo gihe, icyo gitabo cyagombaga gukurwaho ibimenyetso bigifatanijwe. Abantu bari gushobozwa kugisobanukirwa biruseho, kandi ibitekerezo byabo byari guhugukira by'umwihariko uwo mugabane w'Ijambo ryahumetswe. Si ngombwa ko twibutsa umusomyi icyakozwe cyerekeranye n'ingingo y'ubuhanuzi uhereye muri kiriya gihe. Ubuhanuzi, by'umwihariko ubuhanuzi bwo mu gitabo cya Daniyeli bwashumanywe ubwitonzi n'abigishwa b'ijambo [ry'Imana] ahantu hose iterambere ryari ryarakwirakwije umucyo waryo hose ku isi. Bityo rero umugabane w'umurongo usigaye, kuko wahanuraga ibyayyaga kubaho nyuma yo gutangira kw'igihe cy'imperuka, utangizwa namagambo ngo "Benshi bazajarajara." Uku kujarajara kwaba gusobanura kugenda

kw'abantu bava ahantu hamwe bajya ahandi n'amajyambere akomeye mu byerekeye uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu ndetse n'uburyo bworoshye bwo gukora ingendo bwagezweho mu binyejana bishize, cyangwa se bikaba bisobanura uguhindukira hirya no hino mu by'ubuhanuzi nk'uko bamwe babyumva, bishatse kuvuga kwigana umwete n'ubwitonzi ukuri k'ubuhanuzi. Ugusohora kwabyo kugaragara neza kandi mu buryo budashidikanywaho imbere y'amaso yacu. Agomba gusobanura nibura mu buryo bumwe cyangwa ubundi muri ubu bwombi, kandi muri ibi byerekezo byombi, iki gihe turimo kigaragaramo mu buryo bufite imbaraga.

Kugwira k'Ubwenge.—"Kandi ubwenge buzagwira." Ibi bishobora kurengurira ku kugwira k'ubwenge muri rusange, kwiyongera k'ubukorikori n'ubuhanga bwa siyansi cyangwa se kwiyongera mu byerekeranye n'ibintu byari byahishuriwe Daniyeli, bya bindi byari byabumbwe kandi bigafatanishwa ikimenyetso kugeza ibihe by'imperuka. Ahangaha na none, ubihuze n'uburyo ushaka, urasanga gusohora kwabyo gusobanutse kandi kuzuye. Itegereze ibyo ubwenge bwa muntu bwagezeho bitangaje, n'imirimo y'ubwenge ibiganza by'abantu bikora, bisumba cyane inzosi zikomeye abakonikoni bigeze kugira, iby'abantu bagezeho mu myaka ijana cyangwa irengaho ishize. Muri icyo gihe, habayeho iterambere mu nzego zose z'amajyambere ya siyansi, amajyambere menshi yagezweho mu bijyanye no kumererwa neza kw'abantu, mu bijyanye no kwihutisha imirimo y'ubucuruzi, mu guhererekanya ibitekerezo n'amagambo biva ku muntu bijya ku wundi, no mu buryo bwihuse bwo kohereza ibicuruzwa biva ahantu bijya ahandi ndetse biva mu mugabane w'isi bijya ku wundi, kurenza uko byakorwaga mu myaka ibihumbi bitatu ishize.

Imashini zo Gusarura Imyaka.—Gereranya uburyo bwo gusarura imyaka bukoreshwa muri iki gihe n'uburyo bwakoreshwaga kera mu minsi ya ba sogokuru basarurishaga intoki. Muri iki gihe, imashini imwe ituma imyaka ikayirunda hamwe, ikayihura igashyira impeke mu mifuka ku buryo zihita zijyanwa ku isoko.

Amato y'Intambara Agezweho n'Indege z'Intambara Zikoreshwa n'Ubuhanuzi.—Intambara zo muri iki gihe zikoreshwamo amato afite intwari ashobora kurwanira hejuru y'amazi cyangwa munsu y'amazi, n'indege zirwana kandi zikarasa ibisasu bya kirimbuzi zitigeze zigera mu bwenge bw'abantu bo mu binyejana byo hambere. Ibigega bitwarwamo ibintu n'imodoka za rukururana, ibibunda bifite za moteri n'ibindi bikoreshe bisimbura inyamaswa zikorera imizigo n'amapfizi y'intama yakoreshe waga kera mu bucuruzi bwo guhererekanya ibicuruzwa.

Imihanda ya Gariyamoshi ikozwe mu mwuka. Imodoka ya mbere ikurura izindi yakozwe n'Abanyamerika, yakorewe ahitwa West Point Foundry muri New York, maze itangira gukoreshwa mu mwaka wa 1830. Muri iyi minsi, habayeho amajyambere ku buryo gariyamoshi zikozwe neza zibasha kugendera ku muvuduko urenze kilometero 100 mu isaha.

Amato yo mu Nyanja.—Nyuma y'imyaka irenga ijana ho gatoya, ubwato butwarwa na moteri bukozwe, ubungubu ubwato bunini kurusha ayandi bubasha kuzenguruka inyanja ya Atlantika mu minsi ine gusa kandi bukaba bukwirakwije ibicuruzwa byiza mu mahoteli meza yose akomeye.

Televisiyo.—Noneho hadutse igitangaza mu mwaka wa 1896 cyo gukoresha itumanaho ritifashishije imigozi y'amashanyarazi. Mbere y'uko umwaka wa 1921 urangira, ubu buvumbuzi bwari bumaze kugera ku rwego rwo gukora radiyo itangaza amakuru. Noneho hakurikiraho televiziyo— itangaza amakuru aherekejwe n'amashusho agaragarira amaso—ari byo korehereza amashusho anyeganyega akanyura mu kirere, kandi ibyo ni ukuri kuboneka mu miryango y'abantu.

Imodoka.—Mbere y'imyaka mike ishize gusa, imodoka ntizari zizwi. None muri iki gihe abaturage bose b'igihugu cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika bashobora gutwarira imodoka icyarimwe, kandi imodoka zikora amasiganwa zishobora kugendera ku muvuduko wa kilometero 482. Imodoka nini zitwara abagenzi zambukiranya imigabane y'isi, kandi mu mijyi minini imodoka zigerekeranye zitwara abagenzi zasimbuye ku rwego rukomeye imodoka zo mu mihanda zikoresheya n'amashanyarazi.

Abanditsi.—Umwanditsi wa mbere wandika mu buryo bugezweho yagiye ahagaragara mu mwaka wa 1874. Muri iki gihe uburyo bwo kwandika vuba kandi hatabayeho kumvikana k'urusaku, mu buryo bwo mu biro cyangwa uburyo umuntu abasha kugendana, buboneka mu buryo ubwo ari bwo bwose bwo kwandika no kugaragaza inyandiko, kandi byahindutse umugabane w'ingenzi muri rusange mu mirimo ibyara inyungu no mu bintu bitagomba kubura mu kazi ko mu biro.

Amacapiro Agezweho.—Ubu habonetse uburyo bwo gucapa inyandiko buruta ubwo Benjamini Franklin yakoresheye hifashishijwe intoki, kandi ubwo buryo bufite umuvuduko wo gusohora impapuro uruta inshuro ebyiri uwo imbunda ya mashiniganzi ikoresheya irekura amasasu.

Ibyuma Bifata Amashusho.—Ifoto ya mbere igaragaza mu maso h'umuntu hakoreshejwe umucyo w'izuba yakozwe na Profeseri Yohana William Draper wo muri New York mu mwaka wa 1840, ahereye ku buvumbuzi umuhanga wa mbere w'Umufaransa witwaga Daguerre yari yakoze. Guhera mu mwaka wa 1924, binyuze mu kugenda bavugurura imboni z'ibyuma bifata amashusho, amashusho yagiye afatwa umuntu ari ku ntera ndende cyane, agafata ahantu hagutse cyane, andi agafatirwa mu ndege ziri hejuru cyane mu kirere. Amashusho y'ibintu bitagaragarira amaso y'umuntu ashobora gufatwa hakoreshejwe imirasire yitwaga X n'imirasire itagaragarira amaso igenda mu muyaga. Amashusho agaragaza amabara atandukanye yateye imbere cyane. Uhereye mu mwaka wa 1895, amashusho abasha kunyeganyega yigaruriye ubuzima bwa miliyoni nyinshi z'abantu. Imikino yerekana amashusho n'amashusho afite amabara menshi yagiye arushaho kunozwa kandi igiciro cyayo kiragabanuka ku buryo abantu benshi cyane babasha kuyakoresha.

Ingendo zo mu Kirere.—Umuntu yatangiye gukora urugendo rwa mbere rwo mu kirere akoresheje indege mu mwaka wa 1903. Ni imwe mu ntsinzi zikomeye zo mu bihe byose. Hashyizweho uburyo buhoraho bwo kohererezanya abagenzi n'ubutumwa bwanditswe hagati ya Amerika y'amajyepfo n'iy'amajyaruguru, n'Uburayi n'ibihugu byo mu burasirazuba.

Telefoni.—Hemejwe ko uwitwa Alegizandere Graham Bell ari we wavumbuye telefoni bwa mbere mu mwaka wa 1876. Uhereye icyo gihe, hakozwe imirongo y'itumanaho rishingiye kuri telefoni ikwirakwizwa mu migabane y'isi yose ku buryo ihuriza abantu hamwe.

Imashini Zitunganya Inyandiko.—Izi mashini zazanye amajyambere mu bijyanye n'ubukorikori bwo gucapa ibitabo. Imashini ya mbere yakorewe gutunganya ibitabo yavumbuwe na Dogiteri William Church mu Bwongereza, mu mwaka wa 1822. Mu bwoko bwinshi bw'imashini bwavumbuwe uhereye icyo gihe, izikoreshwa cyane muri iki gihe ni imashini zihindura imimerere y'inyandiko nk'iyi mu bwoko bwa Linotype, yakozwe na Mergenthaler mu mwaka wa 1878 n'iyi mu bwoko bwa Monotype yakozwe na Lanston mu mwaka wa 1885.

Imashini Zitunganya Amashusho Zikayohereza Kure.—Binyuze mu guhuriza hamwe gahunda yo kohereza amashusho kure n'imashini zitunganya imirongo y'itumanaho, ubu birashoboka ko umuntu aba ari ahantu hamwe agakoresha icyarimwe imashini nyinshi zohereza amashusho akayohereza ahantu kure cyane hatandukanye hahuje umurongo n'icyicaro ari gukoreramo. Ubu buryo butuma amakuru yandikwa kandi inyandiko zikiyongera kuva kuri 50 ukagera ku 100%.

Ikiraro cyo mu Kirere.—Ikiraro cya mbere gitangaza buri wese muri iki gihugu (Leta Zunze Ubumwe za Amerika) cyubatswe hejuru y'umugezi wa Niyagara (Niagara) mu mwaka wa 1855. Ikiraro cyitwa Golden Gate cyambukiranye kikagera ku marembo y'ubwigobeko bwa San Fransisiko, cyarangije kubakwa mu mwaka wa 1937 gitwaye akayabo k'amadolari y'Amanyamerika miliyoni 35, gifite icyuma kimwe kirekire kurusha ibindi byose mu isi, kireshya na metero 1280 (1280m). Ibimeze nk'ibyo mu bijyanye no kubaka ibiraro byagezweho mu bihugu byose byateye imbere.

Uru rutonde rukurikira ni umubare muto mu bwenge bwagezweho uhereye ubwo igihe cy'imperuka cyari gitangiye mu mwaka wa 1798:

Gucana ukoresheje umwuka mu 1798; amakaramu y'ibyuma mu 1803; kwandikisha imashini z'ikoranabuhanga (mudasobwa) mu 1837; imashini zidoda imyenda mu 1841; gutera ikinya hakoreshejwe amazi ya alikolo cyangwa se ukoresheje ibindi bisukika bibasha kugusha umuntu ikinya mu mwaka wa 1846, no mu 1848; umugozi w'itumanaho unyura mu Nyanja mu 1858; imbunda irasa urufaya rw'amasasu mu mwaka wa 1861; ubwato bw'intambara buyobora ayandi mato mu mwaka wa 1862; amaferi ya gariyamoshi akoreshwa n'umwuka, mu mwaka wa 1872; icyuma gipima imitingito, mu mwaka wa 1880; imashini zikoreshwa n'umwuka, mu mwaka

wa 1883; imirasire bita X, mu 1895; ubumara bushobora gukwirakwira mu binyabuzima, mu mwaka wa 1898; telefoni yambukiranya imigabane y'isi, mu mwaka wa 1915.

Mbega ukuntu ibitangaza byabayeho mu gihe gito ari byinshi cyane! Mbega uburyo ibintu byagezweho mu rwego rwa siyansi muri iki gihe bitangaje, bikaba ari na byo ubu buvumbuzi n'ibyagezweho bihurizaho umucyo wabyo! Turamutse turebeye muri iyi ndorerwamo, mu by'ukuri twageze mu gihe cyo kugwira k'ubwenge.

Mu cyubahiro cy'Ubukristo, nimutyo tujye twita ku bihugu ndetse n'abantu bakoze ubu buvumbuzi bwakoze byinshi mu kugira ngo ubuzima bworohe kandi abantu bagubwe neza. Byakorewe mu bihugu by'Abakristo ndetse bikorerwa hagati mu bantu b'Abakristo. Abo dukwiriye gushimira aya majyambere yagezweho ntabwo ari abo mu gihe cy'umwijima, aho ubukristo kwasuzugurwaga. Si n'abo mu bapagani batamenye Imana bitewe n'ubujiji bwabo; si n'abo mu bihugu by'Abakristo bahakanaga Imana. Mu by'ukuri, ni wa mwuka wo kureba abantu kimwe, no kubaha uburenganzira wagiye usubirwamo inshuro nyinshi mu butumwa bwiza bwa Kristo igihe bwabaga bubwirizanywa ukwera kwabwo, bukuraho imbogamizi zibuza ingingo z'umuntu gukora, bukabohora ibitekerezo bye, bukabararikira gukoresha ubushobozi bafite ku rwego rwo hejuru cyane, kandi agashoboza abo mu gihe nk'iki gutekereza mu bwisanzure no gukora ari na byo bituma ibitangaza nk'ibi bigerwaho.

Kugwira k'Ubwenge mu bya Bibiliya.—Nyamara niduhagarara mu rundi ruhande, nuko tukerekeza ukugwira k'ubwenge mu byerekeranye no kugwiza ubumenyi mu bya Bibiliya, tuzaba dukeneye gusa kureba ku mucyo utangaje wamuritse ku Byanditswe Byera mu myaka 150 ishize. Ugusohora k'ubuhanuzi kwagaragaye mu mucyo w'amateka. Gukoresha ihame ryo gusobanura byatumye abantu bagera ku myanzuro irenze cyane iyo umuntu yagisha impaka ko iherezaho rya byose riri bugufi. Mu by'ukuri koko ikimenyetso cyari gifatanyije igitabo cyakuweho, kandi ubwenge bwo kumenya ibyo Imana yahishuriye mu ijambo ryayo, bwaragwiriye mu buryo butangaje. Dutekereza yuko mu cyerekezo nk'iki, ari bwo ubuhanuzi bwarushijeho gusohora mu buryo bw'umwihariko, nyamara mu gihe nk'iki kitagira ikindi kibasha kugereranywa na cyo mu byerekeranye n'ibintu bituma ubuzima bworoha, ni cyo ubuhanuzi bwagombaga gusohoramo.

Kuba turi mu gihe cy'imperuka byerekanwa mu gitabo cy'Ibyahishuwe 10: 1, 2, aho marayika ukomeye yerekanwa amanuka ava mu ijuru afite agatabo kabumbuwe mu kiganza. icyo gihe igitabo cy'ubuhanuzi bwe nticyari kigikwiriye gukomeza gufatanishwa ikimenyetso. Cyagombaga kubumburwa kandi kigasobanukira abantu. Nk'igihamba cy'uko agatabo gato kabumbuwe ari cyo gitabo cyari kibumbwe hano kandi kigashyirwaho ikimenyetso igihe Daniyeli yandikaga, kandi ko wa mu marayika atanga ubutumwa muri iki gisekuru, soma ubusobanuro ku Byahishuwe 10: 2.

UMURONGO WA 5 Nuko jyewe Daniyeli nditegereza mbona abandi bagabo babiri bahagaze, umwe ku nkombe yo hakuno y'uruzi, undi ku yo hakurya. 6 Umwe abaza wa mugabo wari wambaye umwenda w'igitare wari hejuru y'amazi y'urwo ruzi ati "Ibyo bitangaza bizagarukira he?" 7 Mbona wa mugabo wari wambaye umwenda w'igitare wari hejuru y'amazi y'uruzi, atunga ukuboko kw'iburyo n'ukw'imoso ku ijuru, numva arahira Ihoraho iteka ryose ngo bizamara igihe n'ibihe n'igice cy'igihe kandi ati: 'Nibamara kumenagura imbaraga z'abera, ibyo byose bizaherako birangire.'"

Bizageza Ryari?—Ikibazo ngo "Ibyo bitangaza bizagarukira he?" nta gushidikanya ko kirengurira ku byari byabanje kuvugwa mbere, bikubiyemo uguhaguruka kwa Mikayile, igihe cy'umubabaro, ugutabarwa k'ubwoko bw'Imana, n'umuzuko udasanzwe uboneka mu murongo wa 2. Igisubizo gisa n'aho gitangwa mu migabane ibiri: Uwa mbere, igihe runaka cyihariye kigaragazwa neza, maze ikindi gihe kitazwi ingano yacyo kigakurikiraho mbere y'uko umwanzuro w'ibyo bintu byose ugerwaho, nk'uko twufite muri Daniyeli 8: 13, 14. Igihe ikibazo cyabazwaga ngo "Bizageza ryari ... ibyerekanywe ...ubwo ubuturo n'ingabo bizasiribangwa?" igisubizo cyatanze igihe gisobanutse cy'iminsi 2300 ikurikirwa n'igihe kitazwi ingano kwezwa k'ubuturo bwera kuzamara. Bityo rero mu mirongo dufite hano imbere yacu, hatangwa igihe, ibihe n'igice cy'igihe, cyangwa imyaka 1260, nuko hagakurikiraho igihe kitazwi ingano bazakomezamo kumenagura imbaraga z'ubwoko bwera, mbere yuko habaho kurimbuka.

Imyaka 1260 yerekana igihe ubupapa bwamaze bufite ubutegetsu bwo hejuru. Mbese ni mpamvu ki itumye iki gihe kivugwa hano?—Birashoboka ko byaba byaratewe n'uko ubu bubasha ari bwo bukora byinshi kurenza ubundi bubasha bwose bwabayeho mu mateka y'isi kugeza igihe imbaraga z'abera zamenagurikaga cyangwa se igihe ryatotezaga itorero ry'Imana. Ariko se ni iki twumva mu magambo ngo "Nibamara kumenagura imbaraga z'abera"? Ni nde amagambo «nibamara» arenguriraho? Dukurikije uko amagambo akurikiranye mu byanditswe, amagambo abanziriza ukora igikorwa yabanza gusa n'ayerekana «Uhoraho ibihe byose» cyangwa Yehova. Nyamara nk'umuhanga mu kwandika ubuhanuzi avuga neza ko mu kwita kuri ngenga ikora igikorwa yakoreshejwe na Bibiliya, tugomba gusobanura izo ngenga hakurikijwe ukuri kugaragara mu bivugwa, bityo tugasanisha insimburazina n'izina riyibanziriza ari naryo irenguriraho, aho kuyisanisha n'irindi zina rivugwa. Bityo rero, agahembe gato kavugwa hano, cyangwa umunyabyaha, nyuma yuko avugwa mu buryo bwihariye ku byerekeranye n'igihe azamara afite ubutware, ari cyo myaka 1260, ashobora kuba ari we bubasha burengurirwaho n'insimburazina yakoreshejwe. Yamaze imyaka 1260 arenganya itorero mu buryo buteye ubwoba, cyangwa se amenagura imbaraga zaryo. Nyuma yo kunyagwa ubutware bwe, inyifato ye ku birebana n'ukuri ndetse n'ububasha avuga ko afite byagumyeho. Ububasha bwe buracyakora kugeza ku rwego runaka, kandi akomeje umurimo we wo gutoteza igihe cyose bimushobokeye, kandi ibyo bizageza ryari?—kugeza igihe ikintu cya nyuma mu bivugwa mu

murongo wa 1 kizaba kimaze kubaho, ari cyo gutabarwa k'ubwoko bw'Imana. Igihe bazaba bamaze gutabarwa batyo, ububasha bwabarenganyaga ntibuzaba bukibasha kubatoteza. Imbaraga zabo ntizizaba zikimenagurwa, iherezo ry'ibitangaza bivugwa mu buhanuzi bukomeye rizaba rigeze, kandi ibyo bwavuze ko bizaba byose bizaba bisohoye.

Cyangwa se hatabayeho guhindura ubusobanuro mu buryo bwihariye, dushobora gushakira insimbuzina yakoreshejwe mu ndahiro iri mu murongo wa 7, nka «Ihoraho Iteka ryose.» Ni ukuvuga Imana, kubera ko Ikoresha ibikoresho by'ububasha bwo mu isi kugira ngo bihane kandi bisubize mu murongo mwiza ubwoka bwayo, kandi biramutse bifashwe muri ubwo buryo, Imana ubwayo ni yo yamenagura imbaraga z'abera. Ikoresheje umuhanuzi wayo yavuze ibyerekeye ubwami bwa Isirayeli igira iti : «Nzabyubika, nzabyubika, nzabyubika ... kugeza igihe nyirabyo ubifitiye ubushobozi azazira.» (Ezekieli 21:32). Na none «Yerusalemu hazasiribangwa n'abanyamahanga, kugeza ubwo ibihe by'abanyamahanga bizashirira.» (Luka 21: 24). Amagambo nk'ayo yongera kuvugwa muri Daniyeli 8: 13 ngo «Ibyo byerekanye ... bizageza ryari ...ubwo ubuturo n'ingabo bizasiribangwa?» Ni nde ubitanga ngo bigenzwe bityo?—ni Imana. Kubera iki? Kugira ngo ibatunganye, ngo «yeze ubwoko bwayo bwere rwose». Bizageza ryari?—Kugeza igihe ubuturo bwera buzezwa.

UMURONGO WA 8 Ndabyumva ariko sinabimenya, mperako ndabaza nti «Databuja, ikizaheruka ibindi muri ibyo ni ikihe?» 9 Aransubiza ati «Igendere Daniyeli, kuko ayo magambo ahishwe kandi afatanishijwe ikimenyetso kugeza igihe cy'imperuka. 10 Benshi bazatunganywa bazezwa, bazacishwa mu ruganda, ariko ababi bazakomeza gukora ibibi. Kandi nta n'umwe muri bo uzayamenya, ariko abanyabwenge bazayamenya.

Igitabo Gifatanishijwe Ikimenyetso Kugeza Igihe cy'Imperuka.—Iyo tubonye ibyo kwinginga kwa Daniyeli igihe yasabaga kugira ngo asobanukirwe byuzuye n'ibyo yari yeretswe, twibutswa amagambo ya Petero aho avuga ibyo kwinginga no gushakana umwete k'umuhanuzi kugira ngo asobanukirwe n'ibyahanuwe byerekeranye n'imibabaro ya Kristo n'ubwiza bwajyaga kuyikurikira; kimwe n'uko na none «bahishurirwa yuko batabyiyerekewe ahubwo ko ari mwe babyerekewe.» (1 Petero 1:12). Mbega ukuntu abahanuzi bemererwaga gusobanukirwa duke gusa ku byo bandikaga! Nyamara ibyo ntibyabateraga kwanga kwandika. Iyo Imana yabaga ibibasabye, bamenyaga ko mu gihe gikwiriye yajyaga gukora ibishoboka byose maze ubwoko bwayo bukavana mu byanditswe inyungu zose yabaga ishaka ko bavanamo.

Kubw'ibyo rero imvugo yakoreshejwe hano kuri Daniyeli yasaga no kumubwira ko igihe gikwiriye nikigera, abanyabwenge bazamenya ubusobanuro bw'ibyo yari yanditse, kandi bakabyungukiramo. Igihe cy'imperuka cyari igihe Mwuka w'Imana yari kumena ikimenyetso gifatanije iki gitabo. Kandi nyine, icyo ni cyo gihe abanyabwenge bari

gusobanukirwa, na ho abanyabyaha bakazimiza ugusobanukirwa kose kw'agaciro k'ukuri kw'iteka. Bazaba bafite imitima yuzuye ubugome kandi yinangiriye mu cyaha, bazakomeza kuba babi kandi barushaho kuba impumyi. Nta n'umwe mu banyabyaha uzabimenya. Umwete abanyabwenge bakoresha kugira ngo basobanukirwe, abanyabyaha bawita ubupfapfa no kwiyezera, nuko bakabazanya iki kibazo ihinyu ngo "Mbese isezerano ryo kuza kwe riri he?" Ikibazo nk'iki kiramutse kibajijwe ngo "Ni ikihe gihe ndetse ni ikihe gisekuru umuhanuzi yavugagaho?" igisubizo gikomeye cyatangwa cyaba iki: ni muri kino gihe ndetse ni ab'iki gisekuru turimo. Imvugo y'umuhanuzi irasohora mu buryo butangaje muri iki gihe.

Ukibona imiterere y'interuro yo mu murongo wa 10 bisa n'aho iyi nteruro yihariye: «Benshi bazatunganywa, bazezwa, bazacishwa mu ruganda.» Umuntu ashobora kwibaza ati "ni mu buhe buryo bashobora kwezwa hanyuma bagacishwa mu ruganda?" (nk'uko iyi mvugo ishatse gusobanura), mu gihe batunganywa biciye mu gucishwa mu ruganda bityo bakezwa? Nta gushidikanya iyi mvugo yerekana urugendo rukunda kwisubiramo kenshi muri iki gihe mu mibereho y'abari gutegurirwa kuza kubwami bw'Imana. Baratunganywa kandi bakezwa iyo ubigereranije n'uko bari basanzwe bameze. Nuko bakongera bagacishwa mu ruganda (bakageragezwa). Bongera guhabwa ibigeragezo birusha ibya mbere gukomera. Iyo bihanganiye ibi bigeragezo, umurimo wo kubeza urakomeza ku rwego rurushijeho kuba runini kugeza igihe bageze ku mico irushijeho kwera. Iyo bamaze kugera uri uru rwego, barongera bakageragezwa (bagacishwa mu ruganda), maze bakarushaho kwezwa no gutunganywa. Nuko urugendo rugakomeza kugeza ubwo imico ikomera, imico izabasha guhagarara idatsinzwe ku munsu w'urubanza kandi bakaba barageze ku rwego rw'ibya Mwuka rutagikeneye kongera kugeragezwa.

UMURONGO WA 11 "Uhereye igihe *igitambo* gihoraho kizakurirwaho bagashyiraho ikizira cy'umurimbuzi, hazacaho iminsi igihumbi na magana abiri na mirongo icyenda.

Iminsi 1290 ya Gihanuzi.—Hano duhawe ikindi gihe gishya cya gihanuzi, ari cyo minsi 1290, ari cyo cyagombaga kwerekana umubare ungana n'uwo w'imyaka isanzwe dukurikije imvugo ya Bibiliya. Usomye gusa iyo mirongo, bamwe basobanuye ko iki gihe gitangirana no gushyirwaho kw'ikizira cy'umurimbuzi, cyangwa se ubutegetsu bw'ubupapa, mu mwaka wa 538, kubw'iyi mpamvu kikaba kigenda kikagera mu mwaka wa 1828. Nta kintu tubona muri uyu mwaka cyagaragaza iherezo rya kiriya gihe, nyamara tubona igihamba mu bundi busobobanuro yuko gitangira mbere yo gushyirwaho kw'ikizira cy'ubupapa. Ubundi busobanuro bw'uwo murongo buravugaga ngo "Gushyiraho ikizira." Ukurikije aya magambo amaze gusomwa, umurongo ushobora kuvugaga ngo: "Uhereye igihe bazakuriraho *igitambo* gihoraho [cya buri munsu] bagashyiraho [cyangwa se kugira ngo bashyireho] ikizira kimbura, hazacaho iminsi igihumbi na magana abiri na mirongo icyenda."

Umwaka wa 508 N.K.—Ntabwo tubwirwa mu buryo buhamye igihe iyi minsi 1290 irangirira; ariko igihe cyose intangiriro yayo yerekanywe n'umurimo runaka wari ubereyeho gutegura inzira yo gushyirwaho k'ubupapa, gutanga umwanzuro uvuga yuko iherezo ryayo ryaba ryerekanwa no guhagarara k'ububasha bw'ubupapa byaba ibintu byikoze. Iyo ubaze usubira inyuma uhereye ku mwaka wa 1798 ukabara imyaka 1290, uragenda ukagera ku mwaka wa 508. Nta gushidikanya iki gihe gitangwa kugira ngo cyerekane umwaka wo gukuraho [igitambo] gihoraho, kandi ni wo mwaka wonyine uhura n'icyo gikorwa. Kubw'ibyo rero, ibyo bihe byombi (igihe cy'imyaka 1290 n'igihe cy'imyaka 1260) birangirira rimwe mu mwaka wa 1798. Icyo dusorejeho [igihe cy'imyaka 1260] cyo gitangirira mu mwaka wa 538, na ho ikikibanziriza [imyaka 1290] kigatangira mu mwaka wa 508, mbere y'imyaka 30 ngo icyo gihe kindi gitangire.

Mu rwego rwo gushyigikira uyu mwaka wa 508 N.K, dushobora kureba aya magambo yavanywe mu bitabo by'amateka:

Umubatizo wa Kolovisi (Clovis).—“Dukurikije inyandiko za Anastazyusi (Anastasius), ...uhereye kuri we ukagera kuri Kolovisi hanyuramo umuntu umwe, umwami w'Abafranka, ashimira icyo gikomangoma cyahindukiriye iyobokamana ry'Abakristo. Kolovisi umwami wa mbere w'umukristo w'ubwoko bw'Abafranka, yabatijwe ku munsu wa Noheli yo mu mwaka wa 496, ari na wo munsu bamwe bavuga ko papa yerejwe gukora inshingano.”¹³⁷

Umwanditsi witwa Thomas Hodgkin aravuga ati:

“Ingaruka y'uwo munsu mukuru yabaye iyo guhindura amasano ya buri gihugu cyose mu bwami bwa Gaul [agace kari gahuriye hamwe Ubufaransa n'Ububiligi byo muri iki gihe mu gihe cy'ubwami bw'Abaroma]. Nubwo ubwoko bw'Abafranka bwabarwaga mu bantu b'abanyarugomo ndetse bakaba ubwoko bw'abanyamusozi kurusha abandi bo muri icyo gihe, bwari bwarakwiriye mu gice cy'uburengerazuba bw'umugezi wa Rhine, nk'Abagatulika bari bazi neza ko bazakirwa neza n'Abayobozi b'idini b'Abanyagatulika bo mu mijyi yose. Ndetse n'ahandi hantu hose bayoboraga, abayobozi b'intara z'Abaroma, cyangwa mu yandi magambo, abakristo bose bavugaga ururimi rw'Ikilatini, kandi ni byo byakurikiyeho muri rusange. Uwo mwanya nyuma y'umubatize we, Kolovisi yahise yakira ibaruwa yuzuye ibyishimo yo kumwakira mu rugo nyakuri, yari yanditswe n'umuyobozi w'itorero mukuru w'i Viyene (Vienne) witwaga Avitus, umuyobozi wari ukomeye cyane kurusha abandi bo mu bwami bw'Ababurugande.”¹³⁸

Kolovisi Igikomangoma cya Mbere cyinjiye mu Idini y'Abagatulika.—Dukurikije uko ijamba «gatulika» ryumvikanaga muri icyo gihe, biragaragara ko muri iki gihe [mu mwaka wa 496], Kolovisi yari we mwami

¹³⁷ Archibald Bower, *The History of the Popes*, Vol. I, p. 295.

¹³⁸ Thomas Hodgkin, *Theodoric the Goth*, pp. 190, 191.

rukumbi w'Umugatulika mu isi yari izwi muri icyo gihe. Umwami w'abami wo mu burasirazuba witwa Anastazyusi yari umuyobohe w'abo bitaga Ewuticiyani (Eutychian). Umwami w'Abostrogoti Theodoric yayoboraga u Butaliyani; Alaric umwami w'Abavisigoti yayoboraga Esipanye yose, na kimwe cya gatatu cy'ubwami bwa Gaul; abami b'Ababurugande, Abasuwevi, n'Abavandali bo mu bwami bwa Gaul, Esipanye na Afurika, bose bari abayobohe b'abanyeshyaka b'idini ya Arius [Abariyani]. Abandi bami b'Abafranka bari batuye mu bwami bwa Gaul bari bakiri abapagani. Kolovis ntabwo yari we mwami rukumbi muri iki gihe mu isi; ariko yari we mwami wa mbere wabayeho yirunduriye mu iyobokamana y'Abagatulika; ari na byo byazaniye umwami w'Umufaransa izina ry'icyubahiro ngo "urusha abandi bose kuba umukristo" n'irindi ngo "umwana w'imfura w'itorero." Nyamara turamutse dufashe imyitwarire ya Kolovis tukayigereranya n'iy'umwami w'umwariyani Theodoric, iryo gereranya ntiriyashyigikira ko imico ye yashoboraga kuzanira icyubahiro ukwizera kw'Abagatulika."¹³⁹

Abapapa Bashyirwa mu Kaga n'Abami b'Abariyani.—Efurayimu Emerton wahoze ari umwarimu wigisha amateka muri Kaminuza ya Havard, yaranditse ati:

"Mbere gato y'uko Abafranka barwana urugamba rwa Strassburg, abayobozi bakuru b'idini bo mu muji wa Roma bari babanje kuza kugira ngo bagaragare nk'abayobozi b'itorero mu cyahoze ari Ubwami bwo mu Burengerazuba. Bari baje kugira ngo bitwe abapapa, kandi barimo bagerageza uko bashoboye kose bakayobora itorero ryo mu burengerazuba nk'uko umwami ayobora abantu be. Twabonye icyubahiro gikomeye cy'umupapa wubashywe cyane nka Leo washoboraga gutanga itegeko yemwe ndetse akariha abicanyi batagiraga icyo bitaho nka Attila na Gaiseric. Noneho ubu bwo abapapa bari barakomeje kuba Abagaturika b'abanyamwete, barwanyaga idini y'Abariyani aho yashoboraga kugaragara hose. Mu gihe cyo guhindukirira Imana k'Umufaransa, bari bari mu kaga gahoraho baterwaga n'Abostrogoti bari barigaruriye u Butaliyani. Theodoric ntabwo yari yarigeze ahungabanya idini ya Roma, nyamara hashoboraga kuvuka undi mwami wari kugerageza gucengeza iyobokamana ry'Abariyani ngo rigende rigere mu Butaliyani hose. Papa rero yashimishijwe cyane no kumva ko Umufranka wari uhindutse vuba yari yarafashe ishusho yo kwizera kwe. Yari yiteguye guhesha umugisha buri gikorwa cyabo cyose nk'aho ari umurimo w'Imana, igihe cyose cyari kuba kirwanya ikibi kiruta abapagani b'Abariyani. Ni muri ubwo buryo mu mwaka wa 500 hagati y'Ubupapa bw'i Roma n'ubwami bw'Abafranka hatangiye umubano waje kugera ku masezerano y'ubufatanye bwimbitse no gukora byinshi kugira ngo bazagere ku guha ishusho amateka y'Uburayi bwo mu gihe cyajyaga gukurikiraho."¹⁴⁰

¹³⁹ Archibald Bower, *The History of the Popes*, Vol. I, p. 296, footnote. See also Henry Hart Milman, *History of Latin Christianity*, Vol. I, pp. 381-388.

¹⁴⁰ Ephraim Emerton, *Introduction to the Study of the Middle Ages*, pp. 65, 66.

Uguhinduka kwa Kolovisi, Gusegeshwa kw'Abariyani.—“Ikintu cyabaye kikongera ubwoba bw'aba bami bose b'Abariyani, kandi kikaba cyarasigiye buri wese ibyiringiro bike by'uko ari we waherukira abandi gukurwaho, cyabaye uguhindukirira idini y'Abagatulika kwa Kolovisi, umwami wari umupagani w'ubwoko bw'Abafranka.”¹⁴¹

Ababarubaro Bifatanyiriza hamwe Kurwanya Kolovisi.—Abami b'Ababarubaro ... bararikiwe kwihuriza hamwe ngo bagirane “Amasezerano y'Amahoro” kugira ngo babone uko bakoma mu nkokora ubushotoranyi butemewe n'amategeko bwari kubashyira mu kaga bose bukozwe na Kolovisi.”¹⁴²

“Kurema ubwo bufatanyiriza no guhuriza hamwe abo bami bakuze b'Abariyani kugira ngo barwanye ubu bwami bw'Umugatulika umwe bwashakaga kubamaraho bose, ni cyo noneho cyabaye intego nyamukuru ya Theodoric.”¹⁴³

Kolovisi Atangiza Intambara y'iby'Iyobokamana.—“Uburyo bunyuze mu rwego rwa politiki bwakoreshejwe na Theodoric bwagize intege nke ku buryo butari kuburizamo intambara. Ibiri amambu bishobora kuba byaranateye Kolovisi guhita atangira intambara bidatinze mbere yuko ubufatanyiriza bw'abashakaga kumurwanya bugira imbaraga. Mu gihe cy'Inama Nkuru y'abayobozi b'igihugu cye (birashoboka ko yari 'Ingando yo muri Werurwe') mu mugabane ubanza w'umwaka wa 507, yatangaje atagombye kubitekerezaho neza ibi bikurikira: *'Mbona ari ikintu kibabaje kandi bidakwiriye ko bariya Bariyani bagumana igice kinini cy'igihugu cya Gaul. Nimureke tugende tubatsinde kubwo gufashwa n'Imana, maze igihugu tukigarure mu maboko yacu.'* Ayo magambo yanejeje abantu benshi bari bateraniye aho, nuko bateranya ingabo zimanuka zerekeje mu majyepfo i Loire.”¹⁴⁴

Kolovisi Atsinda Abavizigoti.—Igitero cya kabiri cy'umwami w'Abafranka cyabaye icy'umumaro munini kurushaho ndetse bimuha n'intsinzi ikomeye. Yafashe urugendo aya kugerageza amahirwe ye arwana n'umwami w'Abavizigoti wari ukiri muto, kandi akaba yari yifitiye intege nke no kudakundwa n'abantu benshi b'Abaroma yategekaga, maze aramugerageza agaba igitero ahitwa Aquitaine. Byasaga n'aho Kolodoveci (Chlodovech) ari we [Kolovisi] yahisemo abyitondeye urwitwazo rwo gushoza intambara avuga yuko akarengane k'Abariyani kari kayobowe na Alaric wari uhwanyije ububi na se Euric, wari umwami mubi wategekaga nabi Abagatulika be yayoboraga. ... Mu mwaka wa 507 Kolodoveci atangaza ko agiye gutangiza intambara yo kurwanya Abavizigoti.”¹⁴⁵

“Impamvu yatumye intambara itinda kugeza mu mwaka wa 507 ntabwo izwi. Kuba umwami w'Abafranka ari we washotoranye byo

141 Thomas Hodgkin, *Theodoric the Goth*, p. 186.

142 *Ibid.*, pp. 198, 199.

143 *Ibid.*, p. 194.

144 *Ibid.*, p. 199.

145 Charles Oman, *The Dark Ages*, p. 62.

ntibishidikanywaho. Yabonye urwitwazo rwo gutangiza intambara mu buryo bworoshye nk'umuntu urwanirira iyobokamana ry'Abagaturika kandi akaba umurengezi waryo kugira ngo rikire imyanzuro ikakaye Alaric yari yarafatiye abayobozi b'idini y'Aborutodogisi. ... Mu itumba ryo mu mwaka wa 507, Kolovisi yambukiranyije Loire mu buryo butunguranye maze agenda yerekeje ahitwa Poitiers. ... Abavizigoti bari bafashe ibirindiro byabo nko kuri kilometero 16 uvuye i Poitiers. Alaric yigije inyuma igihe cyo gutangira urugamba kuko yari agitegereje imitwe y'ingabo z'Abositrogoti, ariko kuko bari babujijwe n'ubwato bw'intambara bw'i Bizanse bwari bwagaragaye mu mazi y'u Butaliyani, yiyemeje kurwana aho gusubira inyuma, nubwo ari byo byajyaga kumubera byiza. Nyuma y'igihe gito intambara itangiye, Abagoti bateye umugongo abanzi babo maze barahunga. Mu gihe bari bakurikiwe n'abanzi babo, umwami w'Abagoti yarishwe, kandi bivugwa ko yishwe n'ukuboko kwa Kolovisi ubwe (507). Uhereye icyo gihe yahirikwaga ku ngoma, ubutegetsi Abavizigoti bari bafite mu gihugu cya Gaul bwahise burangira by'iteka."¹⁴⁶

"Biragaragara, uhereye ku mvugo Geregori w'i Tours yakoresheje avuga ko aya makimbirane yabonetse hagati y'Abafranka n'Abavisigoti igice cy'Aborutodogisi cyayabonaga nk'aho ari intambara yabo ubwabo, ndetse akaba ari ibihe bibanziriza intambara ishingiyeye ku iyobokamana, kandi tuvuze nk'abantu, ukunesha kw'amahameshingiye y'Abagatulika cyangwa ay'Abariyani ni ko Uburayi bw'Uburengerazuba bwari kuba bushingiyeho."¹⁴⁷

"Umwaka wa 508 N.K. nyuma y'igihe gito ibi bintu bibayeho, Kolovisi yahawe amazina y'ibyubahiro n'agaciro abihawe n'Inama Ishinga amategeko ya Roma n'Inama Nkuru y'ubutegetsi bw'umwami w'abami w'Umugiriki Anastaziyusi; usa n'aho yagaragaye muri iki gikorwa bitewe n'ishyari n'urwango yari afitiye Theodoric umwami w'Abostrogoti, aho kugira ngo bibe byaratewe n'urukundo yakundaga Abafranka batagohekaga kandi bagatwara iby'abandi. Ubusobanuro bw'aya mazina y'icyubahiro, nk'uko yahabwaga abatarabaga bafite isano ya bugufi na kimwe muri ibyo bice by'ubwami bw'Abaroma, ntiyasobanuwe mu buryo buhagije. ... Izuba rya Roma ryararenze ariko ikirengarenga cyo gukomera kwayo kiguma ku bari mu isi. Abami b'Abadage n'abarwanyirye babo bakiranywe ibyishimo, nuko bahabwa ishema. Izina ry'icyubahiro ryabahaye kugirana isano n'umwami mukuru w'ubwami bwategekaga isi yose, kandi bukaba bwari bufite ingabo zikomeye n'ubuhanga, kandi ibyo bimenyetso bikaba byari bibagose aho bajyaga hose."¹⁴⁸

Mu mwaka wa 508 Kolovisi yaherewe ahitwa i Tours ipeti ry'uko ari umwe mu bagize inama nkuru y'ubutegetsi, arihabwa n'umwami w'abami Anasitaziyusi, nyamara iryo zina ry'icyubahiro ryari iryo kumuhesha

¹⁴⁶ *The Cambridge Medieval History*, Vol. I, p. 286. By permission of Macmillan Company, publishers in the United States.

¹⁴⁷ Walter C. Perry, *The Franks, From Their first Appearance in History to the Death of King Pepin*, p. 85

¹⁴⁸ *Ibid.*, pp. 88, 89.

icyubahiro gusa. Umwaka wa nyuma Kolovisi yawumaze i Paris, ari na ho yari yarahinduye umurwa mukuru w'ubwami bwe."¹⁴⁹

Iherezo ryo Kwihagararaho kw'Abariyani.—Ibi byakuyeho ingoma y'Abavizigoti, nyamara umuryango w'ubufatanye bw'ububasha bw'Abariyani wari uyobowe na Theodoric wagumye. Alaric yari yarishingikirije kuri Theodoric yibwira ko yari kumutabara, nyamara uyu aramutererana. Nubwo byari bimeze bityo, mu mwaka wakurikiyeho, ni ukuvuga mu mwaka wa 508 N.K., Theodoric yagabye igitero kuri Kolovisi kandi urugamba ararutsinda. Nyuma yaho mu buryo utabonera ubusobanuro agirana amasezerano y'amahoro na Kolovisi, nuko guhangana kw'ububasha bw'Abariyani kurangirira aho.¹⁵⁰

Ubusobanuro bw'Intsinzi Kolovisi Yagezeho.—Kuba ikirangirire Kolovisi yari amaze kugeraho mu mwaka wa 508, ndetse n'ingaruka yo kunesha kwe ku hazaza h'Uburayi ndetse n'ah'itorero, byari ibintu by'ingenzi cyane ku buryo abanditsi b'amateka badashobora kwihanganira guceceka batagize icyo babivugaho.

"Nta n'ubwo kunesha kwe kwari uk'umwanya muto. Ubwami bw'Abagoti bo mu Burengerazuba n'Ababurugandiya bwari bwarahindutse ubwami bw'Abafranka. Abahateye barashyize barahagera, kandi bagombaga kuhaguma. Umwanzuro warafashwe ngo Abafranka—(ntabwo ari Abagoti tuvuga aha)—abe ari bo bagena icyerekezo cy'igihugu cya Gaul n'icy'u Budage, kandi ngo kwizera kw'Abagatulika—(ntabwo ari ukwizera kw'Abariyani tuvuga)—kuba ari ko kuba iyobokamana ry'ubu bwami bukomeye."¹⁵¹

Kolovisi ni we wabaye uwa mbere mu guhuriza hamwe ibintu by'ingenzi imiterere mishya y'umuryango wagutse yagombaga kubakiraho: Twavugaga nk'Ababarubaro yahaye imyanya mu butegetsi; isanzuramuco ry'Abaroma yubashye cyane ubwo yakiraga ipeti cy'icyubahiro arihawe n'inama nkuru y'Abaroma ndetse n'inama y'ubutegetsi bw'umwami w'abami Anasitazyusi; kandi bwa nyuma, Itorero Gatulika, iryo yagiranye na ryo ubufatanye bwageze ku musaruro ukomeye, ndetse bwaje gukomeza kubahirizwa n'abamukurikiye ku butegetsi."¹⁵²

Yateguye Inzira y'Amasezerano Hagati y'Itorero n'Ubutegetsi bwa Leta.—Muri we [Kolovisi] hahuriyemo amadini abiri n'ibihe bibiri bitandukanye by'isi. Yavutse igihe Isi y'Abaroma ari yo yari ifite ubutware; urupfu rwe rwerekanye intangiriro z'igihe cy'umwijima. Yateye intambwe akandagira ahantu hatari hari ikintu na kimwe h'umwami w'Uburasirazuba, maze atunganya inzira y'ibyo Sharilemanyane (Charlemagne) yaje gutunganya

149 Encyclopedia Britannica, 11th ed., art. "Clovis," Vol. p. 563.

150 Thomas Hodgkin, *Theodoric the Goth*, pp. 202, 203; Nugent Robinson, *A History of the World*, Vol. I, pp. 75-79, 81, 82.

151 Richard W. Church, *The Beginning of the Middle Ages*, pp. 38, 39.

152 Victor Duruy, *The History of the Middle Ages*, p. 32.

neza—ari byo guhuriza hamwe imibereho y'Abaroma n'imibereho y'Abadage, amasezerano hagati y'itorero n'ubutegetsi bwa Leta.”¹⁵³

Kolovisi yarengeye itorero arikiza Ubupagani n'imyizerere y'Abariyani.—Kolovisi yiyerekanye mu bihe byose nk'umuntu utagira amahame amugenga, umuneshi wikubira, umutegetsi utwaza igitugu akagira n'inyota yo kumena amaraso. Nyamara binyuze mu guhindukirira iyobokamana, yagiye ku ruhembe rw'imbere maze ayobora Ubugatulika abugeza ku ntsinzi; arokora Itorero ry'i Roma arikiza Shila (Schilla) na Sharibadisi (Charybadis); umwe yari ayoboye agatsiko k'ubuyobe undi ayoboye ubupagani, maze arishingisha imizi ku rutare rwagati mu Burayi, ndetse ashimangira inyigisho n'imigenzo byaryo mu mitima y'abari bigaruriye Uburengerazuba.”¹⁵⁴

Imfatiro z'Itorero ryo mu Bihe by'Imyaka ya 500 Kugeza mu Mwaka wa 1500.—Ibyavuye mu kwigarurira igihugu cya Gaul kw'Abafranka byari ingenzi cyane, ubwami bashinga, amasezerano y'ubufatanye bagiranye n'itorero, ubumenyi bwabo mu byerekeye amategeko ndetse na gahunda za politiki, byose byari bifite uruhare rudasubirwaho ku migendekere y'ahazaza ku buryo amateka yabyo akwiriye gusesengurwa mu buryo bwihariye. ... Ni bo bakiriye umurage mu bya politike w'Ubwami bw'Abaroma. Ni bo bahawe icyubahiro mu by'ukuri cyo gusimbura Roma ndetse bagakomeza umurimo wo mu buryo bwa politike yari imaze igihe ikora, nubwo bawukoranaga urugomo, kandi bakaba bari kure yo kuwagura no kuwukora neza nka Roma. Ni bo bonyine bahagarariye ubumwe Roma yari yarashyizeho bugakomera, kandi igihe cyose ubwo bumwe bwari bukiriho nk'igihamba kidashidikanywaho, ni Abafranka bari babukomeje. ... Mu iherezo ry'ikinyejana cya gatanu mu by'ukuri ni ho ubuyobozi bwabo bwatangiye, kandi icyo gihe, nk'uko byakunze kugenda mu bihe bimeze nk'ibyo, ni ho ubuhanga bw'uwo muntu umwe (umuyobozi ukomeye), bwahanze ishyanga. ... Kolovisi ... agaragara nk'umwe mu bantu bari bafite umwuka wo kuvumbura bagatanga icyerekezo gishya bakurikije amateka yabaga ariho muri icyo gihe. ... Intambwe ya gatatu y'akamaro gakomeye muri iyi nzira yo guhuriza hamwe na yo yatewe na Kolovisi. Urwego rumwe rwashyizweho mu isi ya kera mbere y'uko Abadage bayinjiramo, rwari rwarakomeje gukorana imbaraga n'ububasha bwagutse, mu by'ukuri, rwari rufite ububasha bugenda bwiyongera buhoro buhoro muri izo mpinduka zose zo muri icyo gihe cyari cyuzuyemo umuvurungano. Mu gihe kizaza rwajyaga gukomeza gukuza ububasha no gukoresha imbaraga ndetse zirushijeho kuba nyinshi ndetse zihoraho kurenza iz'Abafranka. ... Urwo rwego rwari Itorero rya Roma. Rwari ububasha bukomeye bw'ubuyobozi bw'Itorero rya gikristo ryo mu gihe kizaza. Bityo rero cyari ikibazo cy'ingenzi kwibaza niba Abafranka bari bari kugwiza imbaraga ku ruhande rwabo kugira ngo bazahinduke

¹⁵³ Julius Von Pflugk-Harttung, in *A History of All Nations*, Vol. VII, p. 72.

¹⁵⁴ Walter C. Perry, *The Franks, From Their first Appearance in History to the Death of King Pepin*, p. 97.

ubutegetsu bukomeye mu gihe kizaza, niba bari kubigendamo batyo muri ya masezerano bari bafitanye n'ubu bubasha bundi, cyangwa se niba bari kugeraho bakaburwanya. ...

“Iki kibazo Kolovisi yaragikemuye, hatarashira igihe kinini atangiye ubutegetsu bwe, binyuze mu guhinduka akaba umuyoboze w'Ubukristo bw'Abagatulika. ... Bityo muri ubu buryo uko ari butatu, Kolovisi yabaye imbaraga ihindura ahazaza. Yahuriye hamwe Abaroma n'Abadage ku buryo bunganya amahirwe, buri ruhande rukomeza kubungabunga isoko y'imbaraga zarwo, maze bubaka uburyo bushya bw'imibereho. Yashyizeho ububasha mu bya politiki bwagombaga guhuriza hamwe hafi isi yose, kandi bugashyira iherezo ku gihe cy'ibikorwa byo kugaba ibitero ku bindi bihugu. Yashyizeho amasezerano ya bugufi hagati y'imbaraga ebyiri zari ziyoboye ahazaza, ubwami bubiri bwakomeje kugirana ubumwe Roma yari yarashyizeho, ari bwo bubasha mu bya politiki n'ububasha mu by'idini.”¹⁵⁵

Ni muri ubwo buryo umwaka wa 508 N.K. washyize iherezo ku kugerageza guhangana kw'abari bishyize hamwe ngo barwanye ubupapa bwarushagaho kugira amajyambere. Ikibazo cyo guharanira ubuyobozi hagati y'Abafranka n'Abagoti, hagati y'iyobokamana ry'Abagatulika n'iyobokamana ry'Abariyani, cyarakemutse maze icyo gihe amahirwe ahabwa Abagatulika.

UMURONGO WA 12 Hahirwa uzategereza, akageza ku minsi igihumbi na magana atatu na mirongo itatu n'itanu. 13. Nuko igendere utegereze imperuka, kuko uzaruhuka kandi uzakagarara mu mugabane wawe iyo minsi nishira.

Iminsi 1335 ya Gihanuzi.—Na none haracyari ikindi gihe cya gihanuzi kivuzwe hano, cyerekana imyaka 1335. Mbese dushobora kuvuga igihe iyi myaka itangirira n'igihe isoreza? Ikintu kimwe gishobora kudufasha gusubiza iki kibazo, ni uko kivugwa mu buryo buhuriye bugufi n'imyaka 1290, ari yo yatangiye mu mwaka wa 508 nk'uko twabibonye ahabanza. Umuhanuzi avuga ko uherye icyo gihe, hazabaho iminsi 1290. Interuro ihita ikurikiraho ni iyi ngo «Hahirwa uzategereza akageza ku minsi 1335.» Mbese ni uguhera ryari?—ni uguhera icyo gihe nyine, kandi nta gushidikanya ni cya kindi gitangira iminsi 1290, ari cyo mu mwaka wa 508 N.K. Ntibishoboka kubona ahandi watangirira uyibara, keretse gusa twemeye ko itangira muri icyo gihe, kandi bigomba gutandukanywa na bwa buhanuzi bwa Daniyeli bumwe duhuza n'amagambo Kristo yavuze agira ati: «Ubisoma abyitondere» (Matayo 24:15). Uherye ahongaho, iyo myaka yari kugenda ikagera mu mwaka wa 1843 kubera ko iyo ufashe imyaka 1335 ukayongera kuri 508 ubona 1843. Iyo uherye mu itumba ryo mu mwaka wa 508 iragenda igasoreza mu itumba ryo mu mwaka wa 1843.

Ariko umuntu ashobora kwibaza ati: «Iyo myaka yarangiye ite, cyane ko ku iherezo ry'iyi minsi Daniyeli azahagarara mu mugabane we, ibyo bamwe

¹⁵⁵ George Burton Adams, *Civilization During the Middle Ages*, pp. 137-144.

batekereza ko bisobanuye ko Daniyeli azazuka akava mu bapfuye? Iki kibazo kibonera akito mu busobanuro butari bwo bwatanzwe mu buryo bubiri:

Ubwa mbere, ni ubuvuga ko iminsi yavugwaga ko ku iherezo ryayo Daniyeli azahagarara mu mugabane we ari iminsi 1335; n'ubwa kabiri ni ubuvuga ko uguhagarara kwa Daniyeli mu mugabane we bisobanuye umuzuko we, kandi ibyo na byo ntibyabona uburyo bwo kubishyigikira. Ikintu rukumbi gisezeranwa ko kizabaho ku iherezo ry'iminsi 1335 ni umugisha uzahabwa abategereza bakageza icyo gihe. Ni ukuvuga abazaba bakiriho muri icyo gihe. Mbese uwo mugisha ni uwuhe? Iyo turebye ku mwaka wa 1843 igihe iyi myaka yarangiriye, mbese ni iki tuhabona? Tuhabona ugusohora gukomeye k'ubuhanuzi binyuze mu kubwiriza bikomeye ibyo kugaruka kwa Kristo. Imyaka 45 yabanjirije icyo gikorwa, igihe cy'imperuka cyaratangiye, igitabo cyakuweho ikimenyetso cyari kigifataniye, kandi umucyo watangiye kwiyongera. Ku byerekeranye n'umwaka wa 1843, habayeho kumurika gutangaje k'umucyo wose wari waramuritse ku nsanganyamatsiko zivuga iby'ubuhanuzi kugeza icyo gihe. Kwamamazwa kubwo butumwa kwakozwe mu mbaraga nyinshi. Inyigisho nshya kandi ikangura abantu yerekeye kwimikwa k'ubwami bw'Imana yanyeganyeye isi. Abigishwa nyakuri ba Kristo bagejejweho imibereho mishya. Abatizera baciriweho iteka, amatorero yarageragejwe, n'umwuka w'ububutse urakangurwa ku rwego rutigeze rubaho mbere y'icyo gihe.

Mbese uyu wari umugisha? Tega amatwi amagambo y'Umukiza yabwiye abigishwa be agira ati: «Ariko amaso yanyu arahirwa kuko abona, n'amatwi yanyu kuko yumva.» (Matayo 13: 16). Na none yabwiye abari bamukurikiye ko abahanuzi n'abami bifuje cyane kureba ibyo bo barebaga ariko ntibabibone. Ariko bo arababwira ati: «Hahirwa amaso areba ibyo mureba.» Niba ukuri gushya kandi kw'agahozo kwari umugisha mu gihe cya Kristo ku bakwakiriye, ni ukubera iki atari ko byagenze mu mwaka wa 1843?

Abantu bashobora kubihakana bavuga yuko abari bahagurutse muri iryo tsinda bakozwe n'isoni igihe ibyo bari biringiye bitari bibaye. Ni ko n'abigishwa byabagendekeye igihe cyo kuza kwa mbere kwa Kristo, ndetse ku rwego rumwe. Bateye hejuru igihe yari ari ku ndogobe yerekera i Yerusalemu biteze ko arahita afata ubutegetsu akima ingoma. Nyamara intebe y'ubwami rukumbi yari agiyeho yabaye umusaraba, kandi aho kugira ngo asingizwe nk'umwami mu rugo rwa cyami, yashyizwe mu mva nshya ya Yosefu ari umurambo. Nyamara nubwo byagenze bityo, bahawe umugisha binyuze mu kuri bari barumvise.

Na none abantu bashobora kubihakana bavuga ko uwo utari umugisha uhagije kugira ngo ugaragaze iherezo ry'igihe cya gihanuzi. Ni ukubera iki bitaba ari byo, niba igihe byari kubera, ari cyo gihe cy'imperuka, kivugwa mu gihe cya gihanuzi; cyane ko Umwami wacu mu buhanuzi bwe bukomeye buri muri Matayo 24 yagize icyo atangaza mu buryo bwihariye kuri iryo

tsinda mu murongo wa 14; kandi kubera ko icyo kintu cyongera kuvugwaho mu Byahishuwe 14: 6, 7 mu ishusho ya marayika wagurutse aringaniye ijuru afite itangazo ridasanze ry'ubutumwa bw'iteka ryose ngo abubwire abatuye mu isi bose? Mu by'ukuri, Bibiliya iha umwanya w'ingenzi iri tsinda ry'abantu.

Haracyari ibibazo bibiri bikeneye kwitabwaho: ni iyihe minsi irengurirwaho mu murongo wa 13? Mbese kuba Daniyeli azahagarara mu mugabane we bisobanuye iki? Abavuga ko iyo minsi ari ya yindi 1335, bajyanwa kuri bwa busobanuro iyo basubije amaso inyuma ntibarengye ku murongo ubanziriza uyu, ahavugwa imyaka 1335; mu gihe, mu gushaka gusobanura iyi minsi iterekanwa neza intangiriro yayo, ingano y'igihe cyose cy'ubuhanuzi kigomba kvanwa muri Daniyeli 8. Igice cya 9, icya 10, n'icya 11, ndetse n'icya 12 bigaragara yuko ari ugukomeza k'ubusobanuro bw'iyerekwa ryo muri Daniyeli 8; bityo rero dushobora kuvuga ko mu iyerekwa ryo mu gice cya 8, nk'uko byakozwe kandi bigasobanurwa, hariho ibihe bine bya gihanuzi ari byo: *iminsi 2300, iminsi 1260, iminsi 1290, n'iminsi 1335*. Igihe cya mbere ni cyo cya mbere kandi kirusha ibindi byose kuba kirekire; ibindi byose bigiye ari ibice n'imigabane iza hagati muri iki ngiki. Noneho igihe marayika abwira Daniyeli mu mwanzuro w'ibyo yamusobanuriraga avuga ko azahagarara mu mugabane we ku iherezo ry'iminsi, nyamara ntiyerekane mu buryo bweruye igihe yavugaga icyo ari cyo. Mbese ntibyari byoroshye ko Daniyeli ahita asubira kuri cya gihe nyamukuru kandi kikaba kirekire ari cyo minsi 2300, aho kugira ngo ajye kuri umwe muri ya migabane ikigize? Niba ari ko biri, iminsi 2300 ni yo yari igenderewe. Uburyo amagambo muri ya Bibiliya nkuru yasobanuwe mu Kigiriki ivanywe mu Giheburayo [Septuagint] yanditswemo, busa n'aho buhura n'iki cyerekezo ngo: «Ariko igendere maze uruhuke, kuko hakiriho iminsi ndetse n'igihe kirekire kugira ngo ibi bintu bisohore mu buryo bwuzuye; kandi wowe uzagaharara mu mugabane wawe ku iherezo ry'iminsi.» Ibi rwose bisubiza ibitekerezo ku gihe kirekire kiboneka mu iyerekwa rya mbere, ari na cyo cyasanishwaga n'izindi nyigisho yahawe mu gihe cyakurikiyeho.

Iminsi 2300, nk'uko byerekanywe mbere, yarangiye mu mwaka wa 1844, maze bikatugeza ku kwezwa k'ubuturo. Mbese ni mu buhe buryo Daniyeli yahagaze mu mugabane we. Yahagazemo binyuze mu Murengezi we, Umutambyi wacu Mukuru, igihe yabaga asobanura iby'abakiranutsi kugira ngo bemerwe na Se. Ijambo hano ryasobanuwe ngo "umugabane" ntabwo rivuga umurage ufatika w'ahantu runaka, "umunani" w'ubutaka, ahubwo ni "ibyemezo by'amahirwe" cyangwa "imyanzuro idakuka yo kugirirwa neza n'Imana." Ku iherezo ry'iminsi, bivugwa ko umugabane wagombaga kwemezwa. Mu yandi magambo, kwemezwa kwawo kwagombaga gukorwa hakurikijwe abari kuba bakwiriye guhabwa umurage wo mu ijuru. Igihe urubanza rwa Daniyeli rugezweho ngo rusuzumwe, asangwa ari umukiranutsi, agahagarara mu mugabane we, agahabwa umwanya muri Kanani yo mu ijuru.

Igihe Isirayeli yari yegereje kwinjira mu gihugu cy'Isezerano, imigabane yaratanzwe, maze umugabane wa buri muryango uremezwa. Bityo imiryango ihagarara mu migabane yayo mbere cyane y'uko binjira mu gihugu nyirizina ngo kube icyabo. Igihe cyo kwezwa k'ubuturo gihura neza n'iki gihe cy'amateka ya Isirayeli. Ubu duhagaze ku rugabano rwa Kanani yo mu ijuru, kandi imyanzuro iri gufatwa, bamwe bagahabwa umwanya mu bwami bw'iteka ryose, abandi bagakumirwa by'iteka. Mu mwanzuro w'urubanza rwa Daniyeli, umugabane we w'umurage wo mu ijuru uzemezwa ko udashidikanywaho. Abakiranutsi bose bazahagararana na we. Igihe uyu mugaragu w'Imana witanze akuzuza imibereho ye yose ibikorwa by'icyubahiro byo mu murimo w'Umuremyi we, nubwo yari agoswe n'inshingano zo muri ubu buzima ziremereye cyane kurusha izindi, azahabwa ingororano ye yo kuba yakoze neza, na twe kandi dushobora kwinjirana na we mu buruhukiro.

Tugeze ku musozo w'ishuri ry'ubu buhanuzi, kandi tubona yuko urwego rwo kunyurwa n'uko twatanze igihe tukiga ubu buhanuzi butangaje ndetse tukitegereza imico y'uyu muntu ukundwa kandi akaba n'icyitegererezo cyiza cy'abahanuzi atari rutoya. Imana yubaha cyane abantu, kandi kwigana imico ya Daniyeli bizatuma Imana itugirira neza ndetse nk'uko bigaragara no muri uyu mwanya. Nimutyo twigane indangagaciro ze, kugira ngo nk'uko byagenze kuri we, tubashe kugirirwa neza n'Imana igihe cyose tukiri hano [mu isi], aho dutuye hagati y'ibyaremwe bigaragaza ubwiza bwe butarondoreka tuzabona nyuma mu bihe bizira iherezo.

**IGISUBIZO AMATEKA
ATANGA KU GITABO
CY'IBYAHISHUWE**

*"Nyamara rero dufite ijamba ryahanuwe rirushaho gukomera,
kandi muzaba mukoze neza nimuryitaho,
kuko rimeze nk'itabaza rimurikira ahacuze umwijima rigakesha ijoro,
rikageza aho inyenyeri yo mu ruturuturu izabanduriramu mitima yanyu."
2 Petero 1: 19*

IJAMBO RY'IBANZE

Igitabo cy'IBYAHISHUWE, dukurikije ururimi rw'Ikigiriki rikomokamo [Apokalypsis], risobanurwa ngo «ugushyirwa ahagaragara, uguhishurwa,» cyasobanuwe nk'«uruhererekane rwerekana ubwiza bwa Kristo.» Mu bitabo by'Ubutumwa bwiza tubwirwamo ibyo gusuzugurwa kwe, ukwicisha bugufi kwe, imirimo ye y'umuruho no kubabazwa kwe, Ukwihangana kwe, gutukwa n'abakagombye kumwubaha, hanyuma ku iherezo tukabwirwa iby'urupfu rwe rukojeje isoni rwo ku musaraba: urupfu rwatekerezwaga n'abo muri icyo ko ari rwo rukojeje isoni umuntu ashobora guhanishwa. Mu gitabo cy'Ibyahishuwe tuhabona ubutumwa bwiza bwo guhabwa ingoma y'ubwami mu cyubahiro, gufatanya na Se gutegeka isi n'ijuru, ugutwara amahanga yo mu isi kwe ayategekesha kugira neza, no kugaruka kwe na none ataje nk'umugenzi udafite icumbi, ahubwo azaza afite imbaraga n'icyubahiro gikomeye, azanywe no guhana abanzi be no kugororera abayoboke be.

Ibintu bizabaho byerekana icyubahiro cye birenze imigani y'ibihimbano bihishurirwa imbere y'amaso yacu muri iki gitabo. Uguhendahenda mu mbaraga idasanzwe guhabwa abatihana kuri mu mpapuro z'iki gitabo mu ishusho y'urubanza ruzaza, mu buryo butagereranywa n'ubundi buryo ubwo ari bwo bwose buboneka mu gitabo cy'ijambo ry'Imana. Uguhukurizwa kudashobora gusobanurwa n'ururimi urwo ari rwo rwose muri iki gitabo guhabwa aboroheje hanyuma y'abandi bose mu bayoboke ba Kristo muri iyi si. Nta kindi gitabo gihita kiduterura ngo kitugeze mu yindi si mu buryo bufite imbaraga. Imbere yacu tuhabona ubwiza butangaje butagira imipaka ishyizweho n'ibiri mu isi, ahubwo buratujyana bukatugeza mu yandi masi. Kandi niba insanganyamatsiko zikora ku mitima kandi zitabwaho cyane, insanganyamatsiko zagutse kandi zirimo imvugoshusho, ndetse n'ibigaragazwa by'agahozo bishobora gukurura no gukangura intekerezo z'abantu, ubwo rero igitabo cy'Ibyahishuwe kiturarikira kwiga ibyanditswe mu mpapuro zacyo dushimikiriye, ari byo bituma tubona ukuri kw'ibyo mu gihe kizaza gihebuje n'ibyo mu isi tutabonesha amaso.

IGICE CYA 1

UBURYO BW'IMANA

BWO GUHISHURA

UBUHANUZI

IBYAHISHUWE 1

Igitabo cy'Ibyahishuwe gitangirira ku gutangaza inyito yacyo, no ku mugisha uzahabwa abumvira badakebakeba amagambo yacyo akomeye y'ubuhanuzi.

UMURONGO WA 1 Ibyahishuwe na Yesu Kristo, ibyo Imana yamuhereye kugira ngo yereke imbata ze ibikwiriye kuzabaho vuba, agatuma marayika we na we akabimenyesha imbata ye Yohana 2 uhamya ibyo yabonye byose, ari ijamba ry'Imana no guhamya kwa Yesu Kristo. 3 Hahirwa usoma amagambo y'ubu buhanuzi, hahirwa n'abayumva bakitondera ibyanditswe muri bwo, kuko igihe kiri bugufi.

Inyito y'Igitabo.—Abasobanuye Ingeri ya Bibiliya yitiriwe Umwami Yakobo bahaye iki gitabo umutwe uvuga ngo "Ibyahishuwe na Mutagatifu Yohana w'Imana." Mu kugenza batya, bavugurujye amagambo atangira icyo gitabo ubwacyo, avuga ngo "Ibyahishuwe na Yesu Kristo." Yesu Kristo ni we Muhishuzi, ntabwo Yohana ari we Muhishuzi. Yohana ni umwanditsi gusa Kristo yakoresheje kugira ngo yandike ibi Byahishuwe kugira ngo byungure Itoreri rye. Yohana ni umwigishwa wa Yesu wakundwaga, akaba yarahabwaga amahirwe yo mu rwego rwo hejuru mu bandi bese uko bari cumi na babiri. Yabaye umubwirizabutumwa bwiza, aba n'intumwa; aba umwanditsi w'Ubutumwa Bwiza, ndetse n'inzandiko zifite izina rye. Kuri aya mazina ye y'icyubahiro yavuzwe mbere, hakwiriye kongerwaho ko yari umuhanuzi; kubera ko igitabo cy'Ibyahishuwe ari ubuhanuzi, ndetse Yohana ni ko acyita. Nyamara ibiri muri iki gitabo bifite isoko irushijeho kuba hejuru cyane. Ntabwo ari Ibyahishuwe na Yesu Kristo gusa, ahubwo ni n'Ibyahishuwe Imana yamuhaye. Mbere na mbere bikomoka ku Isoko ikomeye y'ubwenge bwose n'ukuri kose, ari Yo Imana Data; kandi ni Yo yabyibwiriye Yesu Kristo, Umwana wayo; maze Kristo nawe ayohereza

kandi abisobanurira marayika we kugira ngo na we abigeze ku mbata ye Yohana.

Imiterere y'Igitabo.—Imiterere y'iki gitabo ivugwa mu ijamba rimwe gusa ngo "Ibyahishuwe." Ibyahishuwe ni ikintu gihishurirwa, cyangwa kikamenyekanishwa, ntabwo ari ikintu gihishwe ngo kube gifuritswe ahantu runaka. Mose atubwira ko "Ibihishwe ari iby'Uwiteka Imana yacu; nyamara *ibyahishuwe* ni ibyacu n'urubyaro rwacu iteka. (Gutekega kwa kabiri 29: 28). Bityo rero, inyinto y'igitabo ubwawo irahagije kuvuguruza igitekerezo kivugwa rimwe na rimwe ko iki gitabo ari kimwe mu bwiru bw'Imana, kandi ko kidashobora kumvikana. Iyo ibyo biba ari ukuri, iki gitabo cyari kugira inyito cyangwa umutwe uvuga ngo "Ubwiru" cyangwa "Igitabo Gihishwe"; bityo nticyitwe "Ibyahishuwe."

Intego y'Igitabo.—"Kwereka imbata ze ibikwiriye kuzabaho nyuma." Imbata ze—mbese izo mbata ni bantu ki? Mbese ni bande bari bafitiye inyungu mu gitabo cy'Ibyahishuwe? Mbese cyari kigenewe abantu runaka bihariye, amatorero runaka yihariye, cyangwa abo mu gihe runaka kihariye? Oya, cyari kigenewe itorero ryose ryo mu bihe byose igihe cyose ibivugwa muri icyo gitabo byari kuba bitegerejwe nk'ibigomba kubaho. Kigenewe abantu bose bavuga ko ari "imbata ze," aho baba bari hose n'igihe baba barimo cyose.

Imana ivuga ko ubu buhanuzi bwatangiye guhishurira imbata zayo ibigomba kubaho, nyamara bamwe mu basobanuzi b'Ijamba ryayo batubwira ko nta muntu ushobora kurisobanukirwa! Ibi bisa no kuvuga ko Imana yatangira umurimo wo kumenyesha inyokomuntu ukuri kw'ingenzi, nyamara ikaza kugeraho ikagwa mu bugoryi burenze ubw'abantu bo ku isi bwo gufubikisha uko kuri imvugo cyangwa ibimenyetso ubwenge bw'abantu budashobora gusobanukirwa! Bisa n'aho yari gutegeka umuntu kwitegereza ikintu kiri kure, maze igahagarika ikindi kintu cy'inzitizi ijisho ry'uwo muntu rishobora gucengeramo hagati ye n'icyo kintu agomba kwitegereza! Cyangwa se bigasa n'aho yari guha imbata zayo urumuri rwo kuziyobora mu mwijima w'ijoro, hanyuma igatwikiriza urwo rumuri igitambaro gikomeye kidashobora kumenwa n'imyambi y'umucyo ngo kubonesha kwawo kwirukane umwijima! Mbega ukuntu abantu basuzuguzaga Imana igihe berekana ko batubaha ijamba ryayo batyo! Ntabwo ari byo. Ahubwo igitabo cy'Ibyahishuwe kizasohozwa intego yatumye gihabwa abantu, kandi "imbata zayo" zizigira muri cyo "ibikwiriye kubaho vuba" bifitanye isano n'agakiza kazo.

Marayika We.—Kristo yohereje Yohana Ibyahishuwe kandi abimumenyesha akoresheje "marayika we." Bisa n'aho marayika wihariye avugwa hano. Mbese ni marayika wuhe ushobora kuvugwa mu buryo bwihariye ko ari marayika wa Kristo? Twabonye igisubizo cy'iki kibazo muri iri somo mu busobanuro bwo muri Daniyeli 10: 21. Duhereye kuri iryo somo twanzuye yuko ukuri kwagombaga guhishurirwa Daniyeli kwahawe Kristo na marayika witwa Gaburiyeli bonyine. Nk'uko byagenze

mu murimo wo kumenyesha “umuhanuzi ukundwa” ukuri kw’ingenzi, ni nako uwo murimo wahawe Kristo mu gitabo cy’Ibyahishuwe—ngo ageza uko kuri kw’ingenzi ku “mwigishwa ukundwa.” Mbese muri uyu murimo, ni nde ushobora kuba marayika we atari wa wundi wagaragaye akorana na Daniyeli mu murimo w’ubuhanuzi wabanjirije uyu, ari we marayika Gaburiyeli? Na none cyaba ari ikintu gikwiriye kubona wa mumarayika wakoreshejwe mu kugeza ubutumwa ku muhanuzi ukundwa wo mu bihe bya kera, ari we wagombaga gusohozza umurimo w’umuhanuzi Yohana wo mu bihe by’Ubutumwa bwiza. (Reba ubusobanuro bwatanzwe mu Byahishuwe 19: 10).

Umugisha w’Umusomyi.—Hahirwa usoma amagambo y’ubuhanuzi bw’iki gitabo, hahirwa n’abayumva.” Mbese mu ijambo ry’Imana hari ahandi higeze havugwa mu buryo bwahuranyije kandi bwiza iby’umugisha uzahabwa usoma ijambo ry’Imana akiriyitondera? Mbega ukuntu hano duterwa umwete ngo twige ijambo ry’Imana! Mbese tuzavuga yuko ridashobora gusobanukira abantu? Mbese umugisha wabonekera mu kwiga igitabo kidashobora kugira icyiza na kimwe kituzanira?

Imana yavuze ko izaha umugisha umuntu usoma ubu buhanuzi, kandi yashyize ikimenyetso ku nyandiko yerekana ko yemera ko abantu biga bashimikiriye ibiri ku mpapuro nziza z’icyo gitabo. Agendeye kuri uku gutera umwete gukomotse ku Mana, umwana w’Imana azahagarara atabasha kunyeganyezwa n’amagambo igihumbi adafite imbaraga y’abantu bamugisha impaka.

Ugusohora k’ubuhanuzi kose kujiyana n’inshingano. Hari ibintu biboneka mu gitabo cy’Ibyahishuwe bigomba kwitonderwa kandi bigashyirwa mu bikorwa. Inshingano zifatika zigomba gusohozwa nk’ingaruka yo gusobanuka no gusohora k’ubuhanuzi. Urugero rufatika rwo muri ubu buryo ni uruboneka mu gitabo cy’Ibyahishuwe 14: 12, ahavugwa ngo “Aho ni ho kwihangana kw’abera kuri, bitondera amategeko y’Imana bakagira kwizera *nk’ukwa Yesu*.”

Yohana arandika ati: “Igihe kiri bugufi”, kandi mu kugenza atyo, aba atanze indi mpamvu yo gutera abantu kwiga iki gitabo. Bihinduka iby’ingenzi kurutaho mu gihe turushaho kwegera imperuka y’ibintu byose. Iyo tugeze kuri iyi ngingo, dutanga ibitekerezo birushaho gukangura abantu bivuga bita: “Akamaro ko kwiga Ibyahishuwe karushaho kwi Yongera uko igihe gihita. Ibi ni byo bintu “bigomba kubaho vuba”... Ndetse n’igihe Yohana yavugaga ibyo ijambo ry’Imana rivuga, n’ubuhamya bwa Yesu Kristo, ndetse n’ibindi bintu byose yabonye, igihe kirekire ibyo bintu bikurikirana byose byagombaga gusohorezwamo cyari kiri bugufi. Ikibanza muri urwo ruhererekane rw’ibintu cyendaga gusohora. Niba kwegereza kwacyo kwari impamvu ikwiriye gutera abantu kwita ku bikubiye muri ubwo buhanuzi, mbega ukuntu bikwiriye kwitabwaho kurushaho muri iki gihe! Uko ikinyejana cyagendaga gihita, uko umwaka wagendaga uhita, byagendaga byongera uburyo kwita kuri ubwo buhanuzi byihutirwa uko

turushaho gusatira umugabane usoza wo gusohora kw'Inyandiko zera. None se ibi ntibirushaho kongera ubwitange bwakagombye kuranga abo muri iki gihe cyacu, mu gihugu cyacu, ndetse bukongera impamvu ikwiriye gutuma dukora uyu murimo? Rwose ntabwo higeze kubaho igihe imbaraga zikomeye zo gukora ibi zari zikenewe nk'iki gihe. Ibyahishuwe na Yesu Kristo iyo byizwe neza bitanga imbaraga nyayo ibasha gukosora amakosa. Iyaba abakristo bose bashoboraga kwakira ku rugero rwuzuye umugisha w' "abumva amagambo y'ubu buhanuzi, kandi bakitondera ibyanditswe muri bwo kuko igihe kiri bugufi."¹⁵⁶

Abo Iki Gitabo Cyatuwe.—Ahakurikira y'amagambo avuga umugisha w'umusomyi, dufite noneho amagambo kurikira atura abantu iki gitabo:

UMURONGO WA 4 Jyewe Yohana, ndabandikiye mwebwe abo mu matorero arindwi yo muri Aziya. Ubuntu bube muri mwe n'amahoro biva ku Mana iriho kandi yahozeho kandi izahoraho, biva no ku Myuka irindwi iri imbere y'intebe yayo 5 no kuri Yesu Kristo, ari we mugabo wo guhamya ukiranuka n'imfura yo kuzuka, utwara abami bo mu isi, udukunda kandi watwejesheje ibyaha byacu amaraso ye, 6 akaduhindura abami n'abatambyi b'Imana ye ari yo na Se, icyubahiro n'ubutware bibe ibye iteka ryose, Amen.

Amatorero yo Muri Aziya.—Muri Aziya hari amatorero azenze arindwi. Dushobora kwibanda kuri kiriya gice cy'uburengerazuba bwa Aziya kizwi nka Aziya Ntoya, cyangwa se tukita ku gice gitoya kuri icyo. Ndetse no muri kiriya gice gito cya Aziya Ntoya, aho amatorero arindwi yari aherereye, ndetse rwagati muri icyo gice, hari hari andi matorero akomeye. Itorero ry'i Kolosayi iryo Pawulo yandikiye urwandiko rwitwa Abakolosayi, ryari riri ku ntera ntoya uvuye aho itorero rya Lawodokiya ryari ryubatswe. Itorero rya Mileto ni ryo ryari riri hafi cyane ya Patimosi kurusha ayandi yose muri ayo matorero arindwi, ari na ho Yohana yehereye iyerekwa. Na none kandi, aho hari ahantu h'ingenzi mu murimo wo kwamamaza iby'ubukristo, nk'uko dushobora kubitekereza yuko byaterwa n'uko igihe kimwe ubwo Pawulo yari muri ako gace, yatumye ku bakuru b'itorero bo muri Efeso abasaba ko bazahurira muri ako gace. (Ibyakozwe n'Intumwa 20:17-38). Aho hantu na none, ni ho yasize umwigishwa witwaga Tirotimo igihe yari arwaye akamusigira abakristo beza bari bahari. (2 Timoteyo 4:20). Itorero ry'i Tirowa, aho Pawulo yamaze igihe ari kumwe n'abigishwa, akaba ari naho yahagurukiye akomeje urugendo rwe, nyuma yo gutegereza ko Isabato irangira, iryo torero ntiriyari riri kure ya Perugamo, rimwe ryo muri ayo matorero arindwi.

Bityo rero bihinduka ikibazo giteye amatsiko kumenya impamvu aya matorero arindwi yo muri Aziya Ntoya ari yo yatoranyijwe ngo igitabo cy'Ibyahishuwe kibe ari bo kigenerwa. Mbese indamutso ihabwa amatorero arindwi iri mu Byahishuwe 1, n'imiburo ihabwa ayo matorero mu gice cya

¹⁵⁶ Thomas Newton, *Dissertation on The Prophecies*, Vol. II, p. 167.

2, n'igice cya 3, ni ayo matorero yavuzwe amazina bigenewe gusa? Mbese ibivugwa muri icyo gitabo, byagombaga kugera kuri ayo matorero yonyine nk'uko yavuzwe kandi agasobanurwa muri icyo gihe? Ntabwo dushobora kwanzura dutyo kubera izi mpamvu nziza kandi z'ingenzi:

Igitabo cyose uko cyakabaye cyeguriwe amatorero arindwi. (Reba mu Ibyahishuwe 1; 3, 11, 19; 22:18, 19). ubusobanuro bw'icyo gitabo ntabwo bwari buhuje n'ayo matorero mu buryo burenze uko bwari buhujemo n'andi matorero ya gikristo yo muri Aziya Ntoya—nk'urugero, amatorero yari muri Ponto, Galatiya, Kapadokiya, ndetse n'i Bituniya, ayo Petero yandikiye mu rwandiko rwe (1 Petero 1:1) cyangwa se abakristo b'i Kolosayi, Tirowa, ndetse n' i MiLeta, ayari ari hagati na hagati y'ayo matorero yandi yavuzwe amazina.

Ni umugabane muto gusa w'igitabo washoboraga kuba ureba ariya matorero ukwayo, cyangwa se abandi bakristo abo ari bo bose bo mu gihe cya Yohana, kubera ko byinshi mu byavugwaga muri icyo gitabo byari iby'igihe gishyize kera ugereranyije n'abari bariho muri icyo gihe, cyangwa se igihe ayo matorero yari kuba akomeje kubaho. Kubera iyo mpamvu rero, ayo matorero ntabwo yashobora kugira aho aba ahuriye na byo.

Inyenyeri ndwi Umwana w'umuntu yari afite mu kuboko kwe kw'iburyo zasobanurwe ko ari abamarayika barindwi b'amatorero arindwi. (Umurongo wa 20). Nta gushidikanya benshi bazemeranya ko abo bamarayika barindwi ari abagabura bo muri ayo matorero uko ari arindwi. Kuba bari bafashwe mu kiganza cy'iburyo cy'Umwana w'umuntu, byerekana ko ayo matorero yahawe imbaraga yo kuyasigasira, kuyayobora ndetse no kuyarengera. Nyamara mu kiganza cye cy'iburyo, hari harimo arindwi gusa yo muri yo. None se bishatse kuvuga yuko arindwi gusa yo muri yo ari yo yari yitaweho n'Umwami ukomeye w'amatorero? Mbese abagabura bose b'ubutumwa bwiza bo mu bihe byose ntibabonera guhumurizwa muri iyi shusho yerekana ko bakomejwe kandi bayobowe n'ikiganza cy'iburyo cy'Umuyobozi ukomeye w'amatorero? Uyu ni wo wari ukwiriye kugerwaho nk'umwanzuro udahindagurika.

Na none, Yohana arebye mu gihe cy'Ubukristo, yabonye gusa ibitereko birindwi by'amatabaza, ari byo byari bihagarariye amatorero arindwi, hagati yabyo hakaba hari hahagaze Umwana w'umuntu. Kuba Umwana w'umuntu yari ahagaze hagati yayo, bigomba kwerekana ko ahorana na yo, no kuba ayahozaho ijisho ayitayeho, n'uburyo ijisho rye rigenzura imirimo akora yose. Ariko se, yaba yita ku matorero arindwi gusa? Mbese ahubwo ntidukwiriye kwanzura yuko iyi shusho yerekana uburyo abana n'amatorero yose yo mu bihe byose by'ibwirizabutumwa? None se ni ukubera iki ari arindwi gusa yavuzwe? Umubare "karindwi" uvugwa mu Byanditswe bashaka kwerekana icyuzuye ndetse gishyitse. Bityo rero, ibitereko birindwi by'amatabaza byerekana itorero ribwiriza ubutumwa mu bihe birindwi, noneho amatorero arindwi akaba ashobora gusobanurwa na yo muri ubwo buryo.

None se ni iyihe mpamvu amatorero arindwi yihariye ari yo yatoranijwe akaba ari yo avugwa? Nta gushidikanya byatewe n'uko, mu mazina y'ayo matorero ukurikije ubusobanuro bw'ayo magambo, habonekamo ibiranga iyobokamana ryo muri ibyo bihe by'ivugabutumwa, ibyo ayo matorero yagombaga guhagararira.

Bityo rero, "amatorero arindwi" yumvikana mu buryo bworoshye ko adasobanura gusa mu buryo bw'inyuguti amatorero yo muri Aziya yakurikiranaga nk'uko amazina yayo avugwa, ahubwo ni n'ibihe birindwi itorero rya gikristo ryanyuzemo, uherye mu bihe by'intumwa ukagenda ukagera hafi y'igihe cy'irangira ry'imbabazi. (Reba mu busobanuro bw'Ibyahishuwe 2: 1).

Isoko y'Imigisha.—"biva ku Mana iriho kandi yahozeho kandi izahoraho," cyangwa se "Imana Ihoraho"—ni imvugo isobanura Imana Data muri iki cyerekezo, kubera yuko Mwuka Wera na Kristo bahita bavugwa mu buryo butandukanye n'ubwo.

Imyuka Irindwi.—Birashoboka ko iyi mvugo yaba itarengurira ku bamarayika, ahubwo ikaba irengurira kuri Mwuka w'Imana. Ni imwe mu masoko aturukamo ubuntu n'amahoro bihabwa amatorero. Thompson hari icyo yanditse cyerekeranye n'ingingo ishimishije y'imyuka irindwi: "Ni ukuvuga ko bikomoka kuri Mwuka Wera, werekanwa mu ishusho y'imyuka irindwi kubera yuko karindwi bisobanuye umubare wera kandi utunganye; atari ijamba gusa nk'uko ryanditswe rityo ... ahubwo nko kwerekana ubwinshi bwihishe muri ryo, ndetse bikerekana ukuzura no gutungana kuri mu mpano ze n'imikorere ye. Albert Barnes avuga atya ati: "Bityo rero, umubare karindwi ushobora kuba warahawe Mwuka Wera kugira ngo herekanwe uburyo bunyuranye cyangwa se ukuzura kw'imirimo akorera ubugingo bw'abantu, no mu mifatanyirize ye n'ibikoreshobantu mu mirimo ikorerwa mu isi, nk'uko bikomeza kugaragazwa muri iki gitabo."¹⁵⁷

Intebe ye y'Ubwami.—Ibi birengurira ku ntebe ya cyami y'Imana Data, kubera yuko Kristo atari yababwariye intebe ye y'ubwami. Imyuka irindwi yari iri imbere y'intebe y'ubwami, bishobora kuba byari bigamiye kwerekana nk'uko byahozze na mbere hose, ko Mwuka w'Imana yari yiteguye kugenda, cyangwa gutumwa, dukurikije uburyo yakunze kugaragazwamo mu Byanditswe Byera, kugira ngo ajye gusohozza imigambi ikomeye mu mirimo ikorwa n'abantu."¹⁵⁸

"No Kuri Yesu Kristo."—Hano haravugwa bimwe mu bintu by'ingenzi biranga Kristo. Ni Umugabo wo guhamya. Ibyo ahamya byose ni ukuri. Ibyo asezeranira abantu byose azabisohozza nta shiti.

"Imfura yo kuzuka" ni imvugo isobanura kimwe n'amagambo aboneka mu 1 Abakorinto 15: 20, 23; Abaheburayo 1:6; Abaroma 8:29; no mu

¹⁵⁷ Albert Barnes, *Notes on Revelation*, p. 62, comment on Revelation 1: 4. See also S. T. Bloomfield, D. D., *The Greek Testament With English Notes*, Vol. II, p. 565, comment on Revelation 1: 4.

¹⁵⁸ Albert Barnes, *Notes on Revelation*, p. 62, comment on Revelation 1: 4.

Bakolosayi 1:15, 18, aho dusanga amagambo nk'ayo yerekeza kuri Kristo nk' "umuganura w'abasinziye", "imfura muri benedata benshi", imfura mu byaremwe," ndetse n'imfura yo kuzuka mu bapfuye." Nyamara izi mvugo zose ntabwo zerekana ko ari uwa mbere mu bijyanye n'uko ari we wazutse bwa mbere mu bapfuye, kubera yuko hari abandi bari barazuwe mbere ye. Kandi na none iyo si ingingo y'ingenzi cyane. Ahubwo yari mukuru kandi akaba n'ishushoshingiro y'abantu bose bazutse bakava mu gituro, kubera yuko kuzuka kose kwabayeho mbere y'icyo gihe, kwabayeho kubw'imbaraga iri mu kuza kwa Kristo, umurimo we, ndetse no mu muzuko we. Mu mugambi w'Imana, yari uwa mbere mu bijyanye n'igihe ndetse no mu gaciro, kubera ko nta muntu n'umwe wari wakabohorwa ku ngoyi z'urupfu abibashishijwe n'imbaraga iboneka mu mugambi wayo wagombaga gusohozwa mu gihe gikwiriye, kugeza igihe umugambi wo kunesha igituro kwa Kristo wari umaze gusohozwa mu bitekerezo by'Imana, Yo ibona ibitarabaho ikabifata nk'ibiriho (Abaroma 4: 17) .

Kristo ni "Umwami w'abami bo ku isi." Ku kigero runaka ni ko ari muri iki gihe. Pawulo atumenyesha mu rwandiko yandikiye Abefeso 1: 20, 21, ko [Kristo] yashyizwe iburyo bw'Imana ahantu ho mu ijuru, imushyize hejuru y'ubutware bwose n'ubushobozi bwose, n'imbaraga zose n'ubwami bwose, n'izina ryose rivugwa uretse muri iki gihe gusa, ahubwo no mu bihe bizaza. Amazina akomeye kurusha ayandi yose yo mu isi ni ibikomangoma, abami, abami b'abami, n'abatware b'ibihugu mu isi. Nyamara Kristo ashyizwe hejuru ya bose. Yicaranye na Se ku ntebe y'ubwami butegeka isi n'ijuru, kandi afite ubutware nk'ubwa Se mu gutegeka no kuyobora ibikorera mu mahanga yo mu isi. (Ibyahishuwe 3: 21).

Mu mvugo irushijeho kuba yihariye, Kristo agomba kuba umwami w'abami bose bo ku isi igihe azaba afashe intebe ye ya cyami, maze ubwami bwose bwo ku isi bukaba "ubwami bw'Imana yacu n'ubwa Kristo wayo," igihe azaba abushyizwe mu biganza na Se, maze ku myenda ye hakandikwa aya magambo ngo "Umwami w'abami n'umutware utwara abatware," kugira ngo abamenagure nk'umenagura ibibumbano by'umubumbyi. (Ibyahishuwe 19:16; 2:27; Zaburi 2: 8,9).

Na none Kristo yongera kuvugwa nk' "uwadukunze akatwezaho ibyaha byacu akoresheje amaraso ye bwite." Twakomeje gutekereza yuko inshuti zo mu isi zidukunda (abo ni data, mama, basaza bacu na bashiki bacu), nyamara tubona yuko nta rukundo rwagereranywa n'urukundo Kristo yadukunze. Amagambo akurikira yongera uburemere ku busobanuro bw'amagambo tumaze kubona ahabanza agira ati: "Ngo atwezeho ibyaha byacu akoresheje amaraso ye bwite." Mbega urukundo! Intumwa Yohana iravuga iti: "Nta wufite urukundo ruruta urw'umuntu upfira inshuti ze." (Yohana 15:13). Ariko Kristo yerekanye urukundo adukunda ubwo yadupfiraga tukiri abanyabyaha." Nyamara ikirenze ibyo byose, "yaduhinduye abami n'abatambyi b'Imana akaba ari Yo na Se." Yadukuye mu bibembe by'icyaha, aduhindura abahumanutse mu maso ye; twari abanzi be, ntiyaduhindura inshuti ze gusa, ahubwo aranatuzamura

adushyira mu myanya y'icyubahiro ndetse n'iy'agaciro. Mbega urukundo rutagereranywa! Mbega ukuntu Imana yaduteganyirije ibikenewe byose kugira ngo twezweho icyaha! Fata akanya utekereze umurimo wo mu buturo n'ubusobanuro bwawo buhebuje. Igihe umunyabyaha yatuye ibyaha bye, maze akababarirwa, abishyira kuri Kristo, Ntama w'Imana, ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Mu bitabo byo mu ijuru aho byanditswe, amaraso ya Kristo arabitwikira, kandi igihe umuyoboze w'Imana akomeje kuba indahemuka ku byo yatuye, ibyo byaha ntibizigera na rimwe bihishurwa, ahubwo bizakongorwa n'umuriro uzeza isi igihe icyaha n'abanyabyaha bazaba bakuweho burundu. Umuhanuzi Yesaya aravuga ati: "Ibyaha byanjye byose warabyirengagije." (Yesaya 38: 17). Nuko amagambo Umwami Imana yavugiye mu muhanuzi Yeremiya agasohora ngo "Icyaha cyabo sinzacyibuka ukundi." Yeremiya 31:34

Nta gitangaje rero kuba umwigishwa ukunda kandi agakundwa yaritiriye igitabo Uwadukoreye byinshi cyane, icyubahiro n'ubutware bibe ibye iteka n'iteka!

UMURONGO WA 7 Dore arazana n'ibicu kandi amaso yose azamureba, ndetse n'abamucumise na bo bazamureba, kandi amoko yose yo mu isi azamuborogera. Na none, Amen.

Hano Yohana aratujyana akatugeza ku kugaruka kwa Kristo aje mu cyubahiro, ikintu gisoza kandi kigashyira iherezo ku murimo we wo gutabara abari mu isi baguye. Igihe cyabayeho aza mu ntege nke, noneho ubu bwo aje mu bubasha. Kera yaje aciye bugufi, noneho dore aje mu cyubahiro. Azanye n'ibicu nk'uko yazamutse. (Ibyakozwe n'intumwa 1: 9, 11).

Kuza Kwe Kuzagaragarira Amaso.—"Amaso yose azamureba." Abazaba bariho igihe Yesu azaba aje, bazamubona. Ntaho tubona yuko Kristo azajya aza ku muntu umwe umwe, akaza mu ituza rya mu gicuku, cyangwa bikabera mu butayu cyangwa mu cyumba ahantu hiherereye. Ntabwo azaza mu isi nk'uko igisambo kiza mu ibanga bucece. Ibiri amambu, azaza aje ku jyana abo yakunze cyane, abera be basinziriye n'abazaba bakiri bazima, abo yaguze amaraso ye y'igicro cyinshi; ba bandi yanyaze akabavana mu mbaraga z'urupfu binyuze mu ntambara ikomeye yo ku mugaragaro. Kandi kubw'abo ukugaruka kwe kuzaba mu ikuzo ryinshi ndetse no ku mugaragaro. Kuzaba gufite ubwiza no kurabagirana nk'uko umurabyo urabiriza iburasirazuba ukabonekera i burengerazuba. (Matayo 24: 27). Kuzazana n'ijwi ry'impanda rizarangurura rikagera no mu nda y'isi, n'ijwi rikomeye rizakangura abera aho basinziririye mu mariri yabo mu mukungugu. (Matayo 24: 31, mu magambo y'ubusobanuro; 1 Abatesalonike 4:16). Ku banyabyaha, azaza nk'umujura, bitewe gusa n'uko bakomeza guhuma amaso yabo kugira ngo batabona ibimenyetso by'uko yegereje, kandi ntibanizere ibivugwa mu Ijambo rye ko ageze ku rugi. Abagerageza kwerekana uku kuza kwe k'uburyo bubiri, ubwo mu ibanga n'uburyo bwo ku mugaragaro bakabihuza no kugaruka kwe, nk'uko bamwe babigenza, icyo ni ikintu kidashobora kubonerwa ibihamya mu Byanditswe Byera.

“Ndetse n’Abamucumise”—Na ba bandi (ni ukuvuga ko biyongera ku “maso yose azamureba” yavuzwe mbere) bagize uruhare rukomeye mu gikorwa giteye ubwoba cy’urupfu rwe, bazamureba agarutse ku isi afite kunesha n’icyubahiro. Ariko se ibyo bizagenda bite? Ubu ngubu ntibakiriho, nonese bazamureba bate ubwo azaba agarutse? Hazabaho umuzuko w’abapfuye. Iyi ni yo nzira yonyine ishoboka ihesha umuntu kongera kubaho igihe cyose yaba yarigeze gushyirwa mu gituro. Nyamara se bishoboka bite ko aba bantu b’abanyabyaha bazazuka muri kiriya gihe, kandi umuzuko rusange w’abanyabyaha utazabaho kugeza igihe imyaka igihumbi izatangirira ku kugaruka kwe izaba irangiye? (Ibyahishuwe 20: 1-6). Kuri iyi ngingo Daniyeli avuga aya magambo ati:

“Maze icyo gihe Mikayeli, wa mutware ukomeye ujya ahagarikira abantu bawe azahaguruka, hazaba ari igihe cy’umubabaro utigeze kubaho uhereye igihe amahanga yabereyeho ukageza icyo gihe. Nuko icyo gihe abantu bawe bazaba banditswe mu gitabo, bazarokorwa.” Daniyeli 12: 1, 2.

Hano turahabona umuzuko w’igice, umuzuko w’itsinda runaka ry’abakiranutsi n’abanyabyaha. Uyu muzuko ubaho mbere y’umuzuko rusange wa buri tsinda muri ayo yombi. *Benshi*, ntabwo hano bisobanuye bose, basinziriye bazakanguka—*bamwe* bo mu bakiranutsi, ntabwo ari bose, bakangukira ubugingo buhoraho, naho *bamwe* bo mu banyabyaha, ntabwo ari bose, bazakangukira gukorwa n’isoni no gusuzugurwa iteka ryose. Uyu muzuko ubaho mu buryo buhujwe n’ibihe by’umubabaro utarigeze kubaho, ibyo bihe bikaba bibanziriza kugaruka k’Umwami. None se “n’abamucumise” ntibashobora kuba bari muri abo bazazukira gukorwa n’isoni no gusuzugurwa iteka ryose? Mbese ntibyaba birushijeho kuba byiza ba bandi bagize uruhare mu gukozwa isoni bikomeye k’Umwami wacu, ndetse na ba bayobozi bihariye bamugiriye iby’ubugome bazutse muri icyo gihe maze bakareba ugukomera kwe gutangaje igihe azaba agarutse ari umuneshi imbere ye hari umuriro ukongora kugira ngo ahore inzigo abataramenye Imana kandi ntibumvire ubutumwa bwiza?

Igisubizo cy’Itorerero ni iki ngo “Na none, Amen.” Nubwo ku banyabyaha kuza kwa Kristo ari ikintu giteye ubwoba ndetse kukaba ari ukurimbuka, ku bakiranutsi ni ibyishimo no kunesha. Uku kuza kwe kuzaba gutemba umuriro ukongora, kandi kuzaba gufite intego yo guhora inzigo abanyabyaha, kuzaba ari igihe cyo kugororera abantu bose bizeye. (2Abatesalonike 1: 6-10). Buri nshuti n’umukunzi wa Kristo wese azatera hejuru yishimira buri jambo ryose rizatangazwa na buri kimenyetso cyo kuza kwe nk’inkuru y’ibyishimo bikomeye.

UMURONGO WA 8 “Ndi Alufa na Omega, itangiriro n’iherezo”, ni ko Umwami Imana ivuga, iriho kandi yahozeho kandi izahoraho, ari yo ishobora byose.

Hano haboneka undi ugira icyo avuga utari Yohana. Igihe avuga uwo ari we, akoresha ibintu bibiri bisobanura kimwe, “Alufa na Omega, itangiriro

n'iherezo,” nk'uko biboneka mu gitabo cy'Ibyahishuwe 22: 13, aho bigaragara ko ari Kristo uvuga dukurikije ibiri mu murongo wa 12 ndetse n'uwa 16 y'icyo gice. Bityo rero, twanzura tuvuga ko ari Kristo uvuga mu murongo wa 8.

UMURONGO WA 9 Jyewe Yohana, mwene So musangiye amakuba n'ubwami no kwihangana biri muri Yesu, nari ku kirwa cyitwa Patimo bampōra ijamba ry'Imana no guhamya kwa Yesu.

Insanganyamatsiko y'icyavugwagaho hano irahinduka kubera ko Yohana atangira kwerekana ahantu iyerekwa ryatangiye n'ibyari biri kuba muri icyo gihe. Atangira yivuga nka mwenese w'abagize itorero ryo ku isi yose, akaba na mugenzi wabo bafatanyije imibabaro y'umukristo.

Muri uyu murongo, biragaragara ko Yohana ari kurengurira ku bwami bw'ubwiza bwo mu gihe kizaza. Avuga igitekerezo cyo kurenganywa nk'umwe mu migabane y'ingenzi itegurira umuntu kwinjira mu bwami bw'Imana. Iki gitekerezo gishimangirwa mu byanditswe muri aya magambo ngo: “Dukwiriye guca mu makuba menshi niba dushaka kwinjira mu bwami bw'Imana.” (Ibyakozwe n'Intumwa 14:22). “Nitwihangana [nitubabazwa] tuzimana na We.” (2Timoteyo 2: 12). Ni iby'ukuri ko igihe abizera Kristo bakiri hano mu mubiri, babasha kugera ku bwami bw'ubuntu. Iyi ni intebe y'ubwami bw'ubuntu, bwa bundi duhabwamo umwanya igihe duhindukiriye Imana, kubera ko “yatujyanye mu bwami bw'umwana we akunda.” (Abakolosayi 1:13). Nyamara igihe Umukiza azaba agarutse, igihe ubwami bw'ubwiza buzaba bwimitswe, ubwo ni bwo abera (abari basanzwe bagize ubwami bw'ubuntu hano mu isi, abacunguwe ngo bave muri iyi si mbi) bazahabwa kwicara ku ntebe y'ubwami y'ubwiza bwe. Imibabaro izaba irangiye, maze abana b'Imana basusurutswe n'umucyo wa Zuba [ryo Gukiranuka] bari imbere y'Umwami w'abami ibihe bizira iherezo.

Aho Umwanditsi Yanditse Ari.—Patimosi ni ikirwa gito kidatuwe kiri kure mu ruhande rw'uburengerazuba bwa Aziya Ntoya, hagati y'ikirwa cya Ikariya (Icaria) n'umwigimbakirwa wa Mileto (Miletus) ahari itorero rya mbere ry'Abakristo rya bugufi [bw'ikirwa cya Patimosi] mu gihe cya Yohana. Icyo kirwa gifite uburebure bureshya na kilometero 16, n'ahantu harehare mu bugari bwacyo hakareshya na kilometero 6 zisagaho gato. Izina cyitwa muri iki gihe ni Patimo. Inkengero zacyo zifite ubutumburuke burebure, kandi zigiyeye zigizwe n'urukurikirane ry'imisozi yinjira mu mazi ikaba igiye iremye ibyambu byo kwambukiramo. Icyambu kimwe gikoreshwa muri iki gihe ni ubwigobeko bukingirijwe n'imisozi miremire impande zose keretse rumwe, noneho bugakingirwa n'umusozi umwe winjira cyane mu mazi y'inyanja. Umujyi ukorana n'icyo cyambu wubatswe hejuru ku musozi w'ibiharabuge, uzamuka ahirengeye inyanja. Uزامutse uwo musozi umujyi wubatsweho ukenda kugera muri kimwe cya kabiri cyawo, hari ubuvumo mu rutare, aho abantu bavugaga ko ariho Yohana yagiriye iyerekwa maze akahandikira igitabo cy'Ibyahishuwe. Kubera yuko ubuzima bwo kuri iki kirwa bwari bubi kandi kikaba kitari gituwe n'abantu,

mu gihe cy'Ubwami bw'Abaroma bacyoherezagaho abantu baciwe mu bandi. Ni yo mpamvu Yohana ari cyo yajyanyweho. Intumwa yaciriwe kuri icyo kirwa ku ngoma y'umwami Domisiyani, ahagana mu mwaka wa 94 Nyuma ya Kristo (N.K); kandi hagendewe kuri ibi, hemezwa ko igitabo cy'Ibyahishuwe cyaba cyaranditswe mu mwaka wa 95 cyangwa 96 N.K.

Impamvu yo Gucibwa.—“Bampora ijamba ry’Imana no guhamya kwa Yesu Kristo.” Iki ni cyo cyari icyaha cy’inkoraruguma cya Yohana ndetse rikaba ari ryo kosa yaregwaga. Domisiyani umuyobozi watwazaga igitugu, uwari wambaye muri icyo gihe umwenda w’umuhengeri w’ubuyobozi bw’Abaroma, wari uzwi cyane bitewe n’ibibi yakoraga byarutaga cyane umwanya yari arimo w’ubuyobozi, yatewe ubwoba n’uyu mwigishwa wari ugeze mu zabukuru ariko akaba ataratinyaga. Ntiyigeze yemera ko ubutumwa bwiza bwamamazwa mu bwami yayoboraga. Yaciye Yohana amwohereza i Patimosi ahantu hadatuwe, aho yashoboraga gupfira cyangwa se agatekerezwa nk’utari mu isi y’abantu. Nyuma yo kumushyira aho hantu h’uruharabuge wenyine no kumutegeka gukora imirimo y’agahato yo gucukura amabuye, nta gushidikanya umwami yatekereje yuko amaherezo uwo mubwiriza w’ibyo gukiranuka ashyizwe ahantu atazongera kugira aho ahurira n’abari mu isi.

Birashoboka yuko abarenganyaga Yohana Bunyani batekereje kimwe n’uyu mwami igihe bari bamaze kumushyira muri gereza ya Bedford [mu Bwongereza]. Nyamara igihe umuntu atekereje ko ahambye ukuri aho kutazibukwa iteka ryose, Umwami Imana irakuzura ikaguha ubwiza n’imbaraga byikubye inshuro cumi. Umucyo wo mu bya Mwuka warashe uturutse mu kumba gato kandi kijimye Bunyani yari afungiwemo, binyuze mu gitabo cy’Umugenzi [Urugendo rw’Umukristo], none uwo mucyo umaze imyaka ikabakaba magana atatu ukomeza umurimo w’umutumwa bwiza. Ku kirwa kidatuwe n’abantu cya Patimosi, aho Domisiyani yatekerezaga ko acecekeshereje ukuri ntikuzongere kumurika igishashi na kimwe cy’umucyo w’ukuri, hakomotse ihishurirwa rikomeye kurusha ayandi yose yo mu gitabo cyera, kugira ngo gikwirakwize kurabagirana kw’Imana mu isi yose aho ubukristo buri kugeza ku mperuka y’isi. Mbega ukuntu abantu benshi bazubaha izina ry’umwigishwa ukundwa, ndetse bakuzurwa n’ibyishimo bitewe n’amayerekwa yagize ateye ubwuzu y’ubwiza bwo mu ijuru, ntibigere na rimwe biga ibyerekeye izina ry’inyamaswamuntu yatumye acibwa! Ni ukuri ya magambo yo mu Byanditswe Byera avuga ngo “umukiranutsi azibukwa iteka ryose,” ariko ngo “izina ry’umunyabyaha ryo rizabora” (Zaburi 112:6; Imigani 10:7) rimwe na rimwe umuntu yayahuza n’ibibaho mu mibereho yo muri iki gihe.

UMURONGO WA 10 Ku munsu w’Umwami wacu nari ndi mu Mwuka, inyuma yanjye numva ijwi rirenga nk’iry’impanda.

Nubwo Yohana yari ajyanywe kure y’abo bari bahuje kwizera, ndetse bigasa n’aho aciwe mu bantu, ntabwo yari ajyanywe kure y’Imana, yemwe nta n’ubwo yari ashyizwe kure ya Kristo, ndetse habe ngo ashwirwe kure ya

Mwuka Wera cyangwa kure y'abamarayika. Yakomeje kugirana umushyikirano wimbitse n'Umwami wo mu ijuru. Imvugo ngo "mu Mwuka" isa n'aho yerekana urwego rwo hejuru rwo kuzamuka mu bya Mwuka umuntu ashobora kugezwaho na Mwuka w'Imana. Icyo kintu cyaranze intangiriro y'iyerekwa.

"Ku Munki w'Umwami."—Mbese ni uwuhe munki wari ugenderewe igihe hakoreshwaga iyi mvugo? Abantu bari mu matsinda ageze kuri ane bafite uburyo butandukanye babonamo iki kibazo. Itsinda rimwe rifite imyumvire ivuga yuko "umunki w'Umwami" uvuga igihe cyose ubutumwa bwiza buzamara bubwirizwa, ngo bikaba bidasobanuye umunki runaka wihariye ugizwe n'amasaha makumyabiri n'ane. Irindi tsinda rifite imyumvire ivuga yuko umunki w'Umwami usobanura umunki w'urubanza, "umunki w'Umwami" wo mu gihe kizaza ukunze kuvugwa mu Byanditswe Byera. Imyumvire y'uburyo bwa gatatu ni ivuga ko iyo mvugo irengurira ku munki wa mbere w'icyumweru. Hakaba hari n'itsinda rivuga yuko iyo mvugo isobanura umunki wa karindwi, ari wo Sabato y'Uwiteka.

Ku byerekeranye n'imyumvire y'itsinda rya mbere, umuntu yabasubiza yuko igitabo cy'Ibyahishuwe cyatangiye kubaho gitangiranye na Yohana ari ku kirwa cy'i Patimosi, kandi hari ku munki w'Umwami. Umwanditsi, aho cyandikiwe, n'umunki cyatangiye kwandikirwaho, byose ni ibintu by'ukuri byabayeho ntabwo ari imvugoshusho cyangwa amayoberane. Nyamara, niba tuvuga yuko umunki usobanura igihe cyose Ubutumwa bwiza buzamara bwamamazwa, tuba tuwuhaye imvugoshusho cyangwa ubusobanuro bw'amayoberane, kandi ntibwemewe. Mbese ni ukubera iki byajyaga kuba ngombwa ko Yohana asobanura ko yarimo yandika ku "munki w'Umwami" niba uwo munki usobanura igihe cyose cyo kwamamaza ubutumwa bwiza? Birazwi neza yuko igitabo cy'Ibyahishuwe cyanditswe hashize imyaka 65 nyuma y'urupfu rwa Kristo.

Imyumvire y'uburyo bwa kabiri ivuga ko uwo munki ari umunki w'urubanza ntishobora kuba ukuri. Nubwo Yohana ashobora kuba yaragize iyerekwa ryerekeranye n'umunki w'urubanza, ntiyari guhabwa iyerekwa kuri uwo munki kandi wari utaragera. Ijambo ryahinduwe ngo "*ku*" ryavuye ku ijambo "*en*" rikaba ryarasobanuwe na Thayer arihuza n'igihe: "ibihe, imigabane y'igihe ikintu runaka kiberamo, *mu, ku no mu gihe runaka*." Nta na rimwe iyi ndangahantu iba ishaka kuvuga ngo "ahagana" cyangwa aherekera." Bityo rere abavuga ko iyi mvugo irengurira ku munki w'urubanza, baba bavuguriza imvugo yakoreshejwe cyangwa se bakayitwerera ubusobanuro bw'*ahagana*" aho kugira ngo ibe "*ku*" cyangwa se bakavugisha Yohana ikinyoma igihe bavuga ko Yohana wagize iyerekwa ku kirwa cya Patimosi mu myaka isaga 1800 ishize ko yaba yararigize ku munki w'urubanza dutegereje mu gihe kizaza!

Imyumvire y'uburyo bwa gatatu ivuga ko umunki w'Umwami ari umunki wa mbere w'icyumweru (Dimanche), ni yo abantu bakunda kwishimira kuvuga ko ari yo. Aha ngaha tuhashaka igihamya. Mbese ni ikihe gihamya

dufite gishimangira ibyo? Umurongo ubwawo ntusobanura ijamba “umunsi w’Umwami;” bityo rero niba risobanura umunsi wa mbere w’icyumweru, tugomba gushaka muri Bibiliya ahaboneka igihamba cy’uko uwo munsi w’icyumweru waba warigeze witwa utyo. Abanditsi bahumekewe bigeze bavugaga ku munsi wa mbere w’icyumweru bonyine ni Matayo, Mariko, Luka na Pawulo; kandi bavugagaho mu buryo bworoheje nk’ “umunsi wa mbere w’icyumweru.” Nta na rimwe bavugagaho mu buryo buwutandukanya n’indi nk’ufite isumbwe ruruta iry’indi minsi yose y’imirimo. Ibi birushaho kugaragara mu buryo butandukanye n’ubwo benshi babivugaho, igihe batatu muri bo bavugagaho berekana igihe nyirizina ngo cyatumye uhinduka umunsi w’Umwami binyuze mu muzuko w’Umwami Yesu wazutse ku munsi wa mbere w’icyumweru, naho abandi babiri muri bo bavugagaho imyaka mirongo itatu ishize nyuma y’uko icyo gikorwa kibayeho.

Niba bivugwa yuko umunsi w’Umwami ryari ijamba rimenyereye risobanura umunsi wa mbere w’icyumweru mu gihe cya Yohana, tubaza iki kibazo ngo “Ni hehe twavana igihamba cy’ibyo?” Ntabwo gishobora kuboneka. Mu by’ukuri igihamba dufite ni igihabane cy’ibyo. Niba uku ari ko isi yose yafataga umunsi wa mbere w’icyumweru mu gihe gitabo cy’Ibyahishuwe cyandikwaga, uwo mwanditsi yashoboraga kuwita atyo mu buryo budashidikanywaho mu byo yanditse byakurikiyeho. Nyamara Yohana yanditse Ubutumwa bwiza nyuma yo kwandika gitabo cy’Ibyahishuwe, kandi mu Butumwa bwiza, ntabwo yita umunsi wa mbere w’icyumweru “umunsi w’Umwami” ahubwo awita gusa “umunsi wa mbere w’icyumweru.” Nk’igihamba cy’uko Yohana yanditse Ubutumwa bwiza nyuma yo kwandika gitabo cy’Ibyahishuwe, umusomyi yasoma ibyanditswe n’abantu bakomeye bafatwa nk’urugero rw’icyitegererezo.

Hano abavugaga bashyigikira umunsi wa mbere w’icyumweru, ibyo bikomeza kuvuruzwa n’uko yaba Data wa twese cyangwa Umwana, nta n’umwe muri bo wigeze avugaga yuko umunsi wa mbere ari uwe ngo awuhe isumbwe ruruta iryo yahaye indi minsi yose y’imirimo. Nta n’umwe muri bo wawuhaye umugisha, cyangwa ngo avuge ko ufite ukwera runaka. Iyaba wari kwitwa umunsi w’Umwami bitewe n’uko Kristo yawuzutseho, nta gushidikanya Ibyahumetswe byajyaga kuba byarabitumenyesheje. Ariko hariho ibindi bintu byabaye by’ingenzi ku nama y’agakiza, mbese nko kubambwa ndetse no kuzamurwa mu ijuru. None se igihe nta mabwiriza yatanze arebana na byo, ni kuki tutakwita umwe mu minsi ibyo bikorwa byabereyeho “umunsi w’Umwami” kimwe n’uko bafata umunsi yazutseho bakawita batyo?

Kubera ko imyumvire y’uburyo butatu tumaze gusuzuma imaze kuvuguruzwa, imyumvire y’uburyo bwa kane—ivugaga yuko umunsi w’Umwami ari Sabato y’Uwiteka—noneho ikwiriye kwitabwaho. Muri iyi myumvire ubwayo hakubiyemo igihamba kigaragara neza kurusha ibindi. Igihe Uwiteka yahaga umuntu iminsi itandatu y’imirimo mu itangiriro, yavuze ko yizigamiye umunsi wa karindwi, iwuha umugisha, maze ivuga

yuko ari umunsi wera. (Itangiriro 2: 1-3). Mose yabwiye Abisirayeli igihe bari bari mu butayu bw'i Sini ku munsi wa gatandatu ati: "Ejo uzaba umunsi wo kuruhuka, Isabato yerejwe Uwiteka." Kuva 16:23.

Tuza ku musozi Sinayi, aho Umutangamategeko ukomeye yatangarije amategeko agenga imyitwarire ikwiriye mu gitinyiro gitangaje; kandi muri ayo mategeko asumba ayandi yose, ni ho yatangarije ukwera k'umunsi we ati agira: "Umunsi wa karindwi ni wo Sabato y'Uwiteka Imana yawe: ... kuko mu minsi itandatu ari yo Uwiteka yaremeyemo ijuru n'isi, n'inyanja n'ibirimo byose akaruhuka ku munsi wa karindwi: ni cyo cyatumye Uwiteka aha umugisha umunsi w'Isabato maze akaweza." Ibinyujije mu kanwa k'umuhanuzi Yesaya wabayeho mu myaka magana inani yakurikiyeho, Imana yavuze amagambo akurikira iti: "Nuhindukira ntukandagire Isabato, ukanga gukora ibyo wishakiye ku munsi wanjye wera, ... 14 nuko uzishimira Uwiteka." Yesaya 58: 13, 14.

Noneho tugeze mu bihe by'Isezerano Rishya, kandi wa wundi wavuze ko ari umwe na se aravuga ati: "Umwana w'umuntu ni Umwami w'Isabato nayo." (Mariko 2: 28). Mbese hari umuntu wahakana ko uwo munsi ari umunsi w'Umwami, uwo yivugiye we ubwe ashimangira ko ari Umwami wawo? Bityo rero tubona yuko yaba Data wa twese cyangwa Umwana, uwaba avugwa wese muri bo, nta wundi munsi ushobora kwitwa umunsi w'Umwami utari Isabato y'Umuremyi ukomeye.

Mu gihe cy'ubukristo hari umunsi umwe urutishwa indi minsi y'icyumweru yose maze ukitwa "umunsi w'Umwami." Mbega ukuntu iki kimenyetso kivuguruzwa abavugaga ko mu bihe by'Ubutumwa bwiza nta Sabato ihari, ko ngo iminsi yose ari kimwe! Binyuze mu kuwita umunsi w'Umwami, mu iherezo ry'ikinyejana cya mbere, intumwa yaduhaye, ibwirizwa ry'intumwa ku bijyanye no kuruhuka umunsi umwe rukumbi ushobora kwitwa umunsi w'Umwami, ari wo munsi wa karindwi w'icyumweru.

Igihe Kristo yari ku isi, yavuze mu buryo bweruye umunsi we muri aya magambo: "kuko Umwana w'umuntu ari Umwami w'Isabato." (Matayo 12: 8). Mbese iyo aza kuba yaravuze ati: "Umwana w'umuntu ni Umwami w'umunsi wa mbere w'icyumweru" ubu ntibiba byigaragaza nk'umwanzuro ntavuguruzwa w'uko umunsi wa mbere w'icyumweru ari wo munsi w'Umwami?—Ni ko biba bimeze rwose, kandi byari kuba ari ukuri. Ubwo ni bwo washoboraga kwemerwa ko ufite agaciro kangana n'ak'umunsi wa karindwi, hashingiwe ku byari kuba byavuzwe.

UMURONGO WA 11 rivuga riti "Icyo ubona ucyandike mu gitabo, ucyohereze amatorero arindwi ari muri Efeso n'i Simuruna, n'i Perugamo n'i Tuwatira n'i Sarudi, n'i Filadelifiya n'i Lawodikiya." 12 Nuko mpindukizwa no kureba ijwi ryavuganaga nanjye, mpindukiye mbona ibitereko by'amatabaza birindwi by'izahabu, 13 kandi hagati y'ibyo bitereko by'amatabaza mbona usa n'Umwana w'umuntu, yambaye igishura kandi

yambaye umushumi w'izahabu mu gituza. 14 Umutwe we n'umusatsi we byeraga nk'ubwoya bw'intama bwera cyangwa nka shelegi, n'amaso ye yasaga n'ibirimi by'umuriro, 15 ibirenge bye bisa n'umuringa w'umuteke utunganijwe n'umuriro wo mu ruganda, n'ijwi rye ryari rimeze nk'iry'amazi menshi asuma. 16 Mu kuboko kwe kw'iburyo yari afashe inyenyeri ndwi, mu kanwa ke havamo inkota ityaye ifite ubugi impande zombi. Mu maso he hari hameze nk'izuba iyo rityaye. 17 Mubonye ntyo mwikubita imbere nk'upfuye, anshyiraho ukuboko kw'iburyo arambwira ati "Witinya. Ndi uwa mbere kandi ndi uw'imperuka 18 kandi ndi Uhoraho. icyakora nari narapfuye ariko none dore mporaho iteka ryose, kandi mfite imfunguzo z'urupfu n'iz'ikuzimu."

Amagambo ngo "mpindukizwa no kureba ijwi ryavuganaga nanjye" arengurira ku muntu iryo jwi ryari rijeho.

Ibitereko Birindwi by'Amatabaza.—Ibi bitereko ntibishobora kuba ibyasurwaga na cya gitereko cy'izahabu cyakoreshwaga mu murimo wo mu rusengero rwa kera kuko cyo cyari igitereko kimwe kigabye amashami arindwi. Buri gihe icyo gitereko kivugwa mu bumwe. Nyamara hano hari ibitereko birindwi bivugwa neza yuko ari "ibitereko by'amatabaza" aho kugira ngo bavuge ko ari amatabaza gusa, bavuga yuko ari ibitereko bishyirwaho amatabaza kugira ngo amurike umucyo mu cyumba. Ntabwo bisa n'amatabaza yo mu ihema rya kera. Ibiri amambu, ibitereko biratandukanye rwose, kandi ntabwo kimwe kigiye gifatanye n'ikindi, ku buryo ibyo bituma Umwana w'umuntu abasha kubigendagenda hagati.

Umwana w'Umuntu.—Ishusho iteye ubwuzu ndetse ikaba ihatse ibindi byose noneho igaragajwe mbere y'iyerekwa rya Yohana, ni ishusho itangaje y'Umwana w'Umuntu, ari we Yesu Kristo. Uburyo agaragazwamo hano, n'ikanzu ye ndende, umusatsi we w'igitare, kandi ntiwari igitare bitewe n'uko ashaje, ahubwo byari bitewe n'ubwiza bw'ijuru burabagirana, amaso ye yakaga nk'ibirimi by'umuriro, ibirenge bye bimeze nk'umuringa utunganijwe n'umuriro, n'ijwi rye rimeze nk'iry'amazi menshi. Bene ubwo bwiza ntibushobora kugira ubundi bugereranywaho ndetse nta n'ubundi bwatangirirwa nkabwo. Atentebutse bitewe no kuba imbere y'iyi shusho ikomeye kandi itangaje, wenda hakiyongeraho no kwibuka yuko umuntu ntacyo ari cyo, Yohana yamwikubise ku birenge nk'upfuye, nyamara ikiganza gihumuriza kirambikwa kuri we, nuko ijwi ryiza rimuvugisha rimuhamiriza yuko adakwiriye gutinya. Mu buryo nk'ubwo, ni amahirwe y'abakristo kumva ikiganza nk'icyo kirambitswe kuri bo kibasubizamo imbaraga no kubahumuriza mu bihe byo kugeragezwa no kubabazwa, ndetse bakumva ijwi ribabwira riti "Witinya."

Nyamara amagambo arusha ayandi yose gutanga ihumure rinejeje muri ubwo buryo bwo gukomeza, ni amagambo ya wa wundi washyizwe hejuru, wa wundi uriho kandi akazahoraho iteka, ni ya yandi avuga yuko afite imfunguzo z'urupfu n'ikuzimu. Aravuga ati: "Mfite imfunguzo z'ikuzimu [n'iz'igituro] n'iz'urupfu." Urupfu ni umutegetsi utwaza igitugu ariko

yaratsinzwe. Rushobora guteranyiriza mu bituro abantu b'agaciro kenshi, nuko rukabishima hejuru igihe runaka mu bigaragara rusa n'aho rwanesheje. Nyamara umurimo rukora nta musaruro uzatanga, kubera yuko urufunguzo rufungura ibohero ryarwo ricuze umwijima rwanyazwe rukava mu biganza byarwo, none ubu rukaba ruri mu biganza by'ururusha imbaraga. Ruhatiwe kurambika ikamba ryo kunesha kwaryo mu gice kigenzurwa n'undi mutware; kandi uwo ni Inshuti idahinduka n'Umucunguzi witangiye ubwoko bwe. Bityo rero, ntugahagarikwe umutima n'abakiranutsi bapfuye; barindiwe ahantu hatekanye. Umwanzi yabatwaye by'igihe gito, nyamara inshuti yacu [Yesu Kristo] ni yo ifite urufunguzo rufungura aho bafungiraniwe.

UMURONGO WA 19 Nuko wandike ibyo ubonye n'ibiriho, n'ibiri bukurikireho hanyuma.

Itegeko rirushijeho gusobanuka rihabwa Yohana muri uyu murongo ngo yandike igitabo cy'Ibyahishuwe cyose. Cyagombaga kwibanda ku bintu byari kuzabaho mu gihe kizakurikira iryo yerekwa. Mu ngero zimwe nkeya, hari ibyavuzwe icyo gihe byari byararangije kubaho, cyangwa se bikaba byari biri kubaho muri icyo gihe; nyamara ibyo bivuzwe byari bigamije kubimburira ibintu byagombaga gusohozwa mu gihe cyakurikiraga iryo yerekwa, kugira ngo hatagira na kimwe kibura kandi cyashoboraga guhuza urukurikirane rw'ibyavugwaga.

UMURONGO WA 20 N'ubwiru bw'inyenyeri ndwi, izo umbonanye mu kuboko kwanjye kw'iburyo, n'iby'ibitereko by'amatabaza birindwi by'izahabu. Dore izo nyenyeri ndwi ni zo bamarayika b'ayo matorero arindwi, naho ibitereko by'amatabaza birindwi ni byo matorero arindwi.

Kugira ngo berekane Umwana w'Umuntu nk'uware ufashe gusa mu kiganza abagabura b'amatorero arindwi yo muri Aziya Ntoya, kandi akagendera gusa hagati y'ayo matorero arindwi, byashoboraga gutuma amashusho atangaje n'amagambo ye, ndetse n'ibice bikurikiraho bidatakaza uburemere bwabyo. Kwitabwaho n'ijuru no kubana n'Umwami ntibigarukira ku matorero arindwi gusa nk'uko yavuzwe, ahubwo ni iby'abantu be bose; kandi ibyo si ibyo mu gihe cya Yohana gusa, ahubwo ni iby'igihe cyose. Yesu yabwiye abigishwa be ati: "Dore ndi kumwe namwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi." (reba ubusobanuro bwo ku murongo wa 4).

IGICE CYA 2

INZANDIKO YESU YANDIKIYE AMATORERO

IBYAHISHUWE 2

Mu gice cya mbere, umuhanuzi yatondetse insanganyamatsiko y'amatorero arindwi, ahagarariwe n'ibitereko birindwi by'amatabaza, n'umurimo w'amatorero, uhagarariwe n'inyenyeri ndwi. Noneho ubungubu arafata itorero rimwe rimwe ukwaryo, maze akandika ubutumwa burigenewe, akandikira marayika urwandiko kuri buri kibazo runaka, cyangwa umurimo runaka w'itorero.

UMURONGO WA 1 Wandikire marayika w'Itorero ryo muri Efeso uti "Ufashe inyenyeri ndwi mu kuboko kw'iburyo, akagenda hagati y'ibitereko by'amatabaza birindwi by'izahabu aravuga aya magambo ati 2 'Nzi imirimo yawe n'umuhati wawe no kwihangana kwawe, kandi nzi yuko utabasha kwihanganira abanyageso mbi, n'uko wagenzuye abiyita intumwa kandi atari zo, ukabona ko ari abanyabinyoma. 3 Uzi kwihangana kandi warenganirijwe izina ryanjye ntiwacogora. 4 Ariko rero mfite icyo nkugaya, ni uko waretse urukundo rwawe rwa mbere. 5 Nuko ibuka aho wavuye ukagwa wihane, ukore imirimo nk'iya mbere kuko nutabikora nzaza aho uri, nkūre igitereko cy'itabaza cyawe ahacyo nutihana. 6 Ariko rero ufite icyo ngushimira, ni uko wanga imirimo y'Abanikolayiti, iyo nanjye nanga. 7 "Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero. "Unesha nzamuha kurya ku mbuto z'igiti cy'ubugingo kiri muri Paradiso y'Imana.

Itorero rya Efeso.—Impamvu zimwe zituma ubutumwa bw'amatorero arindwi bukwiriye gufatwa nk'ubuhanuzi, bugasobanurwa hakurikijwe ibihe birindwi bitandukanye bigize igihe cyose cy'Ubukristo, zatanze mu busobanuro bwo mu gitabo cy'Ibyahishuwe 1:4. Hano umuntu ashobora kongeraho ko iki gitekerezo atari gishya. Tomasi Newton aravuga ati: "Benshi ndetse harimo n'abantu baminuje nka More na Vitringa bishimira kuvuga yuko inzandiko ndwi ari ubuhanuzi bw'ibihe birebire byagiye

bisimburana ndetse n'imiterere y'itorero uherye mu ntangiriro yaryo ukageza ku iherezo rya byose.”¹⁵⁹

Tomasi Scott aravuga ati: “Abasobanuzi benshi batekereje yuko izi nzandiko zandikiwe amatorero arindwi zari ubuhanuzi bw'ubwiru bw'ibihe birindwi bitandukanye bigize imigabane y'igihe cyose uherye mu gihe cy'intumwa ukageza ku mperuka y'isi.”¹⁶⁰

Nubwo Newton na Scott badafite iyi myumvire, ubuhamya bwabo ni bwiza kuko butwereka yuko iyo yari imyumvire y'abasobanuzi benshi. Babiri muri bo baravugaga bati:

“Umusobanuzi wabanjirije abandi mu kugira icyo avugaga ku gitabo cy'Ibyahishuwe, umurimo we ukaba waratugezeho, ni uwitwa Victorinus, umuyobozi mukuru w'itorero rya Pettau, cyangwa Petavium, wafuye bamuhoye Imana mu mwaka wa 303. Yabayeho mu gihe kimwe na Irenaeus, kandi yari umuntu wubaha Imana agashishikarira kwigisha Ibyanditswe, kandi akagira imbaraga zo kugenzura akamenya ubusobanuro bw'ibyo abanditsi bera banditse. Byinshi mu byo yanditse byarazimiye, keretse imigabane imwe n'imwe. Ubusobanuro yatanze ku gitabo cy'Ibyahishuwe buracyariho mu nyandiko icyakora ku rugero ruciye munsu y'urwo tubyifuzaho, nyamara rurahagije kugira ngo biduheshe kumenya imyumvire ye. Mu gitabo cye yise *Scholia in Apocalypsin*, avugaga yuko ibyo Yohana yandikira itorero rimwe abyandikira amatorero yose; kandi ko Pawulo ari we wabayeho uwa mbere mu kwigisha ko mu isi yose hari amatorero arindwi, kandi ko amatorero arindwi yavuzwe asobanura Itorero Gatulika [ry'isi yose]; kandi ko Yohana kugira ngo akomeze uburyo bumwe n'ubwo, ntabwo yarengeje umubare karindwi.

Icyo Victorinus ashakaga kuvugaga, ni uko igihe Pawulo yandikiraga amatorero arindwi, kandi nyine akandikira arindwi gusa, yashakaga ko byumvikana neza ko amatorero yose yo mu bihe byose akubiye muri ayo arindwi; kandi ko mu buryo bumwe n'ubwo, amatorero arindwi yo mu Byahishuwe asobanura ko akubiye mu matorero yose yo mu isi: ni ukuvugaga Itorero Gatulika [ryo ku isi yose]. Iyi myumvire ayisangiye na Tichaenius wo mu kinyejana cya kane; akayihuriraho na Arethas wo muri Kapadokiya ndetse na Primasius w'ahitwa Adrumetum bo mu kinyejana cya gatandatu; na none akayihuriraho na Vitringa, Mede, More, Girdlestone n'abandi bantu b'Imana benshi babayeho mu bihe byakurikiyeho.”¹⁶¹

“Mede yongeye ubusobanura ku nzandiko ndwi avugaga ko ari ubuhanuzi buvugaga ku bihe birindwi itorero ryagombaga kunyuramo, kugira ngo ibyiza byose bihanurwe muri byo ndetse nibibi byose bya Roma (Reba mu gitabo cya Trench, l.c., p.228). Nyuma y'icyo gihe Vitringa na none asobanura izo nzandiko akurikije ihame nk'iryo; maze yandikira (ku rupapuro rwa 32-36) amagambo yasobanura hanyuma na Mede (Works, dvent., ch. X, p. 905)

159 Thomas Newton, *Dissertation on The Prophecies*, Vol. II, p. 167.

160 Thomas Scott, *Commentary*, Vol. II, p. 754, note on Revelation 2: 1.

161 Joseph A. Sciss, *The Apocalypse*, Vol. I, pp. 128, 129.

mu buryo bukurikira: «Niba dutekereza ku mubare waza karindwi, umubare w'impinduka z'ibihe, cyangwa se niba twita ku mahitamo ya Mwuka Wera igihe ahitamo kudafata amatorero yose, ndetse ntanafate amatorero y'ibikomerezwa kurusha ayandi yose yo mu isi, mbese nka Antiyokiya, Alegizandiriya, Roma, ... Niba ibi bintu byitaweho neza, mbese ntibishobora kugaragara neza ko Amatorero arindwi yari agamije kwerekana amashusho ndetse n'ibicucu by'ibihe byinshi itorero ryo ku isi yose rizanyuramo nk'ihame ritunganye, hejuru y'uko ayo mazina yerekana amatorero yari asanzwe ariho muri icyo gihe? Biramutse ari uko byemejwe, amatorero arindwi yaba mu buryo bwa gihanuzi ari icyitegererezo kuri twe cy'ibihe birindwi bikurikirana biranga inyifato y'itorero rigaragara ndetse n'uko rizaba rimerewe hashingiwe ku bihe byinshi rizanyuramo. ... Kandi ibi biramutse byemejwe bityo, ...nta gushidikanya itorero ribanza (ni ukuvuga uko Efeso yari imeze) ryaba ari ryo rya mbere, kandi imimerere y'iriheruka ikaba ari yo izaranga itorero riheruka. ... Amagambo yavuzwe ngo abiyita Abayuda kandi atari bo ndetse n'isinagogi ya Satani, (Apoc. ii) ku bijyanye n'ibihe bitanu byo hagati na hagati, atubwira ko abo ari ababayeho mu bihe by'ubutegetsu bw'Inyamaswa ndetse na Babuloni. Noneho ku bijyanye n'igihe cya gatandatu mu buryo bwihariye, tubona aho twashyira imico myiza, ni ukuvuga umugabane wayo ujyana n'igihe inyamaswa yari itangiye kugwa, undi ukajyana n'igihe cyo kurimburwa kwayo, igihe Yerusalemu Nshya izaba ije.»¹⁶²

Dukurikije iby'abanditsi tumaze kubona haruguru bavuze, bigaragara ko icyateye abasobanuzi bo mu bihe by'iterambere kwirengagiza igitekerezo cyerekana ko ubutumwa bwandikiwe amatorero arindwi ari ubuhanuzi, ari imyizerere y'ibinyoma yadutse vuba kandi idashingiye ku byanditswe ivuga iby'ikinyagihumbi¹⁶³ iyi si izamara iri uko iri. . Ibihe biheruka by'itorero, nk'uko bigaragara mu Byahishuwe 3:15-17, byerekanywe nk'ibidahura n'ibintu by'icyubahiro byagombaga kuba kuri iyi si mu gihe cy'imyaka igihumbi¹⁶⁴, igihe isi yose igomba kuba yarahindukiriye Imana. Bityo rero mu bihe nk'ibi, kimwe no mu bindi bihe byinshi bimeze nka cyo, imyumvire yo mu Byanditswe byera ihinduka irushijeho kuba ishimishije. Imitima y'abantu ikunda ibintu byoroshye nk'uko byari biri mu bihe bya kera, kandi amatwi yabo ahora afunguriwe kumva ababahanurira iby'amahoro.

Itorero rya mbere ryitwa Efeso. Ukurikije ubusobanuro butangwa hano, iri torero ryagombaga kujyana n'igihe cya mbere cyangwa itorero ryo mu gihe cy'intumwa. Ubusobanuro bw'ijambo «Efeso» ni «Icyifuzwa», ijambo rishobora gusobanura neza imimerere n'imico y'itorero rya mbere. Abo bakristo ba mbere bari barakiriye inyigisho za Kristo mu kwera kwazo. Bari baranyuzwe n'amahirwe n'imigisha ituruka mu mpano za Mwuka Wera. Bamenyekaniraga mu mirimo yabo, ubuhamya bwabo no kwihangana

162 F. C. Cook, editor, *The Bible Commentary*, New Testament, Vol. IV, pp. 530, 531.

163 Ni inyigisho ivuga ko mbere y'uko Yesu agaruka kuri iyi si hazabaho igihe cy'imyaka 1000 y'amahoro mu by'umwuka ndetse no kugubwa neza, aho abatuye isi bose bazihana bagahinduka. [Abasobanuzi].

164 Ibid.

kwabo. Kuba indahemuka ku mahame bari barigishijwe na Kristo kwabo byatumaga badashobora kwihanganira inkosi z'ibibi, kandi bagaragazaga intumwa z'ibinyoma, bakagenzura imico yazo nyakuri, maze bagatahura ko ari abanyabinyoma. Niba uyu murimo warakorwaga n'iri torero ry'umwihariko rya Efeso kurenza andi matorero yose yo muri kiriya gihe, nta gihamba tubifitiye. Ariko uyu murimo wakomeje gukorwa n'itorero rya gikristo ryose muri kiriya gihe, kandi wari umurimo ukwiriye gukorwa muri kiriya gihe. (Reba Ibyakozwe n'Intumwa 15; 2 Abakorinto 11:13).

Marayika w'itorero.—Marayika w'itorero agomba kwerekana intumwa, cyangwa umugabura w'iryo torero. Kubera ko buri torero ribumbatiye igihe runaka, marayika wa buri torero agomba kuba yerekana umurimo w'ubugabura, cyangwa se abagabura nyakuri bose ba Kristo bakoze umurimo muri icyo gihe cy'iryo torero rivugwa. Ubutumwa butandukanye, nubwo bwabwirwaga abagabura batandukanye, ntibishubora kumvikana ko ari bo bwabwaga gusa, ahubwo bwabwirwa ku buryo nyabwo abagize itorero binyuze muri bo.

Impamvu yo Kugawa.—Kristo aravugaga ati: “Mfite icyo nkugaya, kuko waretse urukundo rwawe rwa mbere.” “Ntabwo ari umuburo muto kuba bari bararetse inyigisho shingiro cyangwa se bakaba bararetse inyifato iranga umuntu w'Umwuka, ari yo urukundo rwabo rwa mbere. Icyo baregwa ahangaha si ukugwa bakava mu buntu, cyangwa ngo urwo rukundo rube rwarazimye rwose, ahubwo ni uko rwagabanutse. Nta shyamba cyangwa umubabaro byashoboraga gusimbura irwo rukundo rwa mbere.”¹⁶⁵ Mu mibereho y'umukristo ntihakwiriye kubaho igihe adashobora gusubiza ko igihe arimo muri uwo mwanya atari cyo gihe akundamo Kristo kurenza ibindi bihe byose byabayeho aramutse abibajijwe. Nyamara icyo gihe kiramutse kibayeho, ubwo aba akwiriye kwibuka aho yavuye maze akagwa, akahatekerezaho neza, akibuka yitonze uko yumvaga amerewe igihe yakirwaga n'Imana ku nshuro ya mbere, maze akihutira kwihana no gutera za ntambwe kugira ngo asubire mu mwanya yahozemo. Urukundo kimwe no kwizera byerekana n'imirimo; kandi urukundo rwa mbere, iyo rumaze gushyikirwa, ruzazana n'imirimo ijyanye na rwo.

Umuburo.—“Nutihana, nzaza aho uri vuba, nkure igiterako cy'itabaza ryawe ahacyo.” Ukuza kuvugwa ahangaha kugomba kuba ari imvugoshusho, gusobanura ukugerwaho n'urubanza rw'Imana, igihe cyose rwaba ruje nk'ikigombero. Gukurwaho kw'igiterako cy'itabaza bishobora gusobanura gukura mu itorero umucyo namahirwe bizanwa n'ubutumwa bwiza, hanyuma bigahabwa abandi, keretse gusa igihe itorero ryaba rikoze neza inshingano ryahawe. Ibyo byaba ari ugucibwa na Kristo, ntibakomeze kuba abamuhagarariye n'abashyira umucyo w'ukuri kwe n'ubutumwa bwiza abatuye ku isi. Ibi bintu biteye ubwoba byajyaga kuba ku bantu ku giti cyabo nk'uko byaba ku itorero nk'abantu bahuriye hamwe. Ntituzi ubwinshi bw'abantu biyitaga abakristo muri kiriya gihe nyamara bagasangwa batujije

¹⁶⁵ Augustus C. Thompson, *Morning Hours in Patmos*, pp. 122, 123.

ibisabwa maze bagacibwa; ariko nta gushidikanya bari benshi. Uko ni ko ibintu byari gukomeza, bamwe bagashikama, abandi bagasubira inyuma ntibabe bakiri abatwaramucyo ngo bawushyire abari mu isi, abandi bantu bashya bagahindukirira Imana bakaziba ibyaho byatewe n'abapfuye ndetse n'abandi bahindutse abahakanyi, kugeza igihe itorero rizaba rigeze mu gihe gishya cy'imibereho yaryo kigaragazwa nk'ikindi gihe cy'amateka yaryo, kandi gitangwamo ubundi butumwa.

Abanikolayiti.—Mbega ukuntu Kristo aba yiteguye gushimira ubwoko bwe imico myiza iyo ari yo yose bashobora kugira! Iyo hari ikintu runaka ashima, ni cyo abanza kuvuga. Muri ubu butumwa yoherereza itorero rya Efeso, nyuma yo kubanza kuvuga imico myiza bashimirwa, maze agakurikizaho ibyabatsinze, mbese nk'utashakaga kugira umuco n'umwe mwiza arenda amaso mu mico yabo, avuga ko bangaga ibikorwa by'Abanikolayiti ibyo na we ubwe yangaga. Mu murongo wa 15, hari inyigisho zihuye n'iyi mico na zo zamaganywe. Bigaragara ko ryari itsinda ry'abantu bafite ibikorwa n'inyigisho byombi bizira mu maso y'abatuye ijuru. Inkomoko yabo ishidikanywaho. Bamwe bavugaga ko badutse bakomotse kuri Nikola wo muri Antiyokiya, umwe mu badiyakoni barindwi (Ibyakozwe n'Intumwa 6:5); mu kwiyitirira izina rye, bamwe babikorera gusa kugira ngo bishakire ishema riturutse ku izina rye. Abandi bakavugaga ako ako gatsiko kafashe iryo zina karikomoye ku wundi muntu witwaga Nikola wabayeho mu minsi yakurikiyeho. Ubu busobanuro bwa kabiri ni bwo bwajya kuba ukuri. Ku byerekeye inyigisho zabo n'imigenzereze yabo, bisa n'aho muri rusange abantu bemeranywa yuko bari bafite itsinda ry'abagore ryabonaga ubusambanyi bw'abantu bafite bagenzi babo bashakanye n'ubw'ingaragu nk'aho ntacyo butwaye, ndetse bakemerera abantu kurya inyama zatererekerejwe ibishushanyo bisengwa (Reba Clarke, Kitto n'abandi basobanuzi).

Gukangurirwa Kwita ku Bintu.—“Ufite ugutwi, niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero.” Ubu ni uburyo bukomereye bwo kurarikira abari mu isi bose guhugukira ibintu by'agaciro gakomeye kandi bireba abantu bose muri rusange. Imvugo nk'iyi ikoresheye ku matorero yose uko ari arindwi. Igihe Kristo yari ari ku isi, yakoresheje imvugo nk'iyi ashakaga gukangurira abantu kwita ku nyigisho ze zari zifite agaciro kurusha izindi. Yayikoresheje igihe yarenguriraga ku murimo wa Yohana (Matayo 11: 15), umugani w'umubibyi (Matayo 13:9), no mu mugani w'urukungu, werekana iherezo ry'isi (Matayo 13: 43). Na none kandi ikoresheye igihe havugwaga ku gusohora kubuhanuzi bw'ingenzi buri mu Byahishuwe 13:9.

Isezerano Rihabwa Umuneshi.—Umuneshi asezeranirwa ko azahabwa kurya ku giti cy'ubugingo kiri hagati muri Paradizo, cyangwa mu busitani bw'Imana. Mbese Paradizo iri hehe? Iri mu ijuru rya gatatu. Mu 2 Abakorinto 12: 2 Pawulo yanditse ko azi umuntu (kandi ni we wivugaga) wazamuwe akajyanwa mu ijuru rya gatatu. Mu murongo wa 4 avugaga ko yajyanwe muri “Paradizo” bigatuma umuntu ashobora kwanzura yuko Paradizo iri mu ijuru rya gatatu. Bisa n'aho muri iyi Paradizo ari ho hari

igiti cy'ubugingo. Muri Bibiliya igiti cy'ubugingo kihavugwa ni kimwe gusa. Kivugwa inshuro esheshatu, kivugwa inshuro eshatu mu Itangiriro, kikavugwa inshuro eshatu mu Byahishuwe. Nyamara buri nshuro yose kivugwa nk'ikintu kizwi. Ni cya giti cy'ubugingo kiri mu gitabo cya mbere cya Bibiliya, cya giti cy'ubugingo kivugwa mu gitabo gisoza Bibiliya, cya giti cy'ubugingo kiri muri "Paradizo" (ari ryo jambo ryakoreshejwe mu Kigiriki mu gusobanura "ubusitani" mu gihe cyo guhindura igitabo cy'Itangiriro) muri Edeni mu ntangiriro, kandi igiti cy'ubugingo kiri muri Paradizo Yohana avuga ko kiri mu ijuru ryo hejuru. Niba hariho igiti kimwe gusa, kandi icyo kikaba cyarabayeho bwa mbere ku isi, umuntu ashobora kwibaza uburyo noneho cyageze mu ijuru. Igisubizo gishobora kuba ari uko cyazamuwe kikajyanwa muri Paradizo yo mu ijuru. Nta buryo bushoboka ikintu kimwe cyaboneka ahantu runaka kandi ngo wongere ugisange ahandi hantu kitatwawe ngo kijyanweyo. Hari impamvu nziza ituma umuntu yakwizera ko igiti cy'ubugingo na Paradizo byaba byarajyanwe mu ijuru. Umusobanuzi umwe yavuze amagambo akurikira ati:

"Igikorwa Imana yakoze cyo gushyiraho Umukerubi kugira ngo 'arinde inzira ijya ku giti cy'ubugingo' (Itangiriro 3: 24) mu busitani bwa Edeni, na none ntabwo bigaragara mu buryo bw'urubanza rukarishye gusa, ahubwo binerekana uburyo burimo isezerano ryuzuye guhumurizwa. Ubuturo bwari bwuzuye umugisha umuntu yirukanwemo, ntabwo bwarimbuwe cyangwa ngo buhinduke umusaka n'amatongo, ahubwo bwavanwe mu isi ndetse buvanwa mu maboko y'umuntu, maze bushyirwa mu maboko y'ibiremwa by'Imana bitunganye kugira ngo bibe ari byo biburinda, bityo buzabashe, kugarurirwa umuntu igihe azaba amaze gucungurwa. (Ibyahishuwe 22:2). Ubusitani nk'uko bwari buri igihe Imana yabushyiragaho cyangwa se igihe yabutakaga, bwagiyeho umuvumo, nk'ikintu cyasigaye cyo mu isi, nyamara umugabane umwe w'ijuru kandi ukaba uwo muri Paradizo wararokowe maze ushyirwa mu biganza by'Abakerubi. Paradizo ihebuje nyayo kuri ubu ngubu yajyanywe mu isi y'ibitaragarira amaso. Nibura, kopi imwe y'ishusho yayo, iri ahera harusha ahandi hose kwera ho mu ihema, aho hakaba harahamirijwe ubwoko bwa Isirayeli hakurikijwe icyitegererezo Mose yari yerekewe ku musozi (Kuva 25:9), kandi umwimerere w'ibyari byerekanywe, nk'ubuturo bushya bw'abacunguwe, nyuma yaho izamanuka ize mu isi. (Ibyahishuwe 21:10)."166

Nuko rero unesha asezeranirwa kuzahabwa ibiruta cyane ibyo Adamu yajimije. Kandi si abaneshi bo muri iryo torero gusa, ahubwo ibyo bisezeranirwa n'abaneshi bose bo mu bihe byose, kubera yuko nta we uhezwa ku ngororano zizatangirwa iyo mu ijuru. Musomyi, haranira kuba umuneshi kubera ko uzahabwa kurya ku giti cy'ubugingo kiri muri Paradizo y'Imana atazapfa ukundi.

166 John H. Kurtz, *Manual of Sacred History*, p. 50.

Igihe cy'Itorero.—Igihe iri torero rya mbere ryamaze gishobora kuba gihera ku muzuko wa Kristo kikagera mu iherezo ry'ikinyejana cya mbere, cyangwa se ku rupfu rw'intumwa yapfuye nyuma y'izindi zose.

UMURONGO WA 8 “Wandikire marayika w'Itorero ry'i Simuruna uti “Uwa mbere ari na we w'imperuka, uwari warapfuye none akaba ari muzima aravuga aya magambo ati 9 ‘Nzi amakuba yawe n'ubukene bwawe, (ariko rero uri umutunzi), n'uko utukwa n'abiyita Abayuda nyamara atari bo, ahubwo ari ab'isinagogi ya Satani. 10 Ntutinye ibyo ugiye kuzababazwa. Dore Satani agiye gushyirisha bamwe muri mwe mu nzu y'imbohe kugira ngo mugeragezwe, kandi muzamara iminsi cumi mubabazwa. Ariko uje ukiranuka uzageze ku gupfa, nanjye nzaguha ikamba ry'ubugingo.’ 11 “Ufite ugutwi nyumve ibyo Umwuka abwira amatorero. Unesha nta cyo azatwarwa n'urupfu rwa kabiri.”

Itorero rya Simuruna.—Bizagaragara yuko igihe Umwami yibwira buri torero avuga bimwe mu bimuranga ibyo bintu bikaba bimwerekana mu buryo bw'umwihariko nk'ukwiriye koko kurigezaho ubwo buhamya avuga. Yihishurira Simuruna, itorero ryendaga kunyura mu bihe bikomeye by'akarengane, akaryiyereka nk'uwari warapfuye none akaba ari muzima. Niba bari guhamagarirwa gushyira ikimenyetso cy'amaraso yabo ku buhamya batangaga, bari bakwiriye kwibuka yuko barebwa n'amaso y'Uwarenganyijwe nka bo atyo, nyamara akaba yaranesheje urupfu, ndetse akaba ashobora kubavana mu bituro bashyizwemo n'akarengane.

Ubukene n'Ubutunzi.—Kristo araribwira ati: “Nzi ...ubukene bwawe, nyamara kandi uri umutunzi.” Aya ni amagambo avuguruzanya mu buryo budasanze ku muntu ukiyasoma. Nyamara se umutunzi nyakuri muri iyi si ni nde?—ni “abatunzi mu byo kwizera” bakaba n’“abaragwa b’ubwami.” Ubutunzi bwo muri iyi si abantu baharanira, ndetse ibihe byinshi bakabugurana umunezero wo muri iki gihe n'ubugingo buzira iherezo bwo mu gihe kizaza, ni “igiceri cyataye agaciro kidakoreshwa mu ijuru.” Umwanditsi umwe yabivuze neza ati: “Hariho abatunzi benshi b'abakene, ndetse hakabaho abakene benshi b'abatunzi.”

“Biyita Abayuda Kandi Atari Bo.”—Ijambo Umuyuda rikoreshe hano, biragaragara ko ritavuga Umuyuda nk'uko dusanzwe turizi. Ryerekana imico yari isanzwe yemerwa n'ubutumwa bwiza nk'urugero rukwiriye. Imvugo Pawulo yakoresheje iraza kurushaho kubyerekana neza. Aravuga ati: “Kuko ugaragara ko ari Umuyuda atari we Muyuda nyakuri, kandi gukebwa kugaragara ko ku mubiri, atari ko gukebwa nyakuri. Ahubwo Umuyuda wo mu mutima ni we Muyuda, kandi gukebwa ko mu mutima n'umwuka kutari uk'umubiri, ni ko gukebwa nyakuri. Umeze atyo ntashimwa n'abantu, ahubwo ashimwa n'Imana.” (Abaroma 2:28, 29). Na none arongerera ati: “kuko abakomotse kuri Isirayeli atari bo Bisirayeli bose, kandi kuko ari urubyaro rwa Aburahamu si cyo kibagira abana be bose.” (Abaroma 9: 6, 7). Mu Bagalatiya 3:28, 29, Pawulo arongerera akatubwira yuko muri Kristo hatariho iryo tandukaniro ry'ibigaragara inyuma nko

kuba Umuyuda cyangwa Umugiriki; ko ahubwo niba turi aba Kristo, ubwo tuba turi "urubyaro rwa Aburamu (mu buryo nyakuri), tukaba turi abaragwa b'isezerano. Kuvuga ko ijamba Umuyuda nta na rimwe rijya rirengurira ku bakristo, nk'uko bamwe babivuga, byaba ari ukuvuguriza aya magambo yose yahumetswe yavuzwe na Pawulo, ndetse ukaba uvugurije ubu buhamya bw'umugabo wo kwizerwa kandi w'ukuri abwira itorero ry'i Simuruna. Bamwe bashakaga kugaragaza mu buuryo bw'uburyarya ko ari Abayuda nyine muri iyi mvugo irengurira ku Bakristo, mu gihe babaga badafite n'umwe mu mico iranga abakristo. Abantu nk'abo bari ab'isinagogi ya Satani.

Iminsi Icumi yo Kubabazwa.—Kubera yuko ubu butumwa ari ubwa gihanuzi, igihe kivugwa muri bwo na cyo kigomba gufatwa nk'igihe cya gihanuzi. Kubera ko umuunsi wa gihanuzi usobanura umwaka usanzwe, iminsi cumi igomba kuba yerekana imyaka cumi. Ni ikintu kizwi cyane ko mu karengane gakomeye kabayeho kamenetsemo amaraso menshi kakaba karabaye inshuro zigera ku icumi uherye mu gihe cy'umwami Diyokelesiyani (Diocletian), akabaye kabi kurusha akandi kose ari akamaze imyaka cumi uherye mu mwaka wa 303 kugeza mu mwaka wa 313.

Byagorana gusobanura iyi mvugo ukayihuza n'ibyabayeho uramutse uvuze ko ubu butumwa butatanze mu buryo bwa gihanuzi; kubera ko bigenze bityo, hari kwitabwaho iminsi cumi isanzwe ivugwa muri ubwo butumwa. Byari gusa n'ibidashoboka ko akarengane kamara iminsi cumi gusa, cyangwa se kareba itorero rimwe gusa, kari guhinduka ingingo y'ubuhanuzi; kandi nta hantu na hamwe hashobora kuboneka akarengane nk'ako kabayeho kakagarukira ku itorero rimwe ndetse no mu gihe cy'iminsi ingana n'iyi. Na none wongere ugereranye aka karengane n'akandi kose gakomeye kabayeho muri kiriya gihe; mbese ni mu buhe buryo kashoboraga kuvugwa nk'akarebaga itorero rimwe rukumbi? Amatorero yose yahuye n'umubabaro utewe n'ako karengane. None se ni hehe wakura umwihariko wo kurobanura itsinda rimwe runaka maze ukirengagiza ayandi, maze ukavuga ko ari ryo ryonyine ryagezweho n'ako kaga?

Umuburo.—"Ujye ukiranuka ugeze ku gupfa." Abantu bamwe bagiye bagerageza kujora imikoresherezwe y'amagambo ngo "kugeza no mu rupfu" [yakoreshejwe mu ngeri zimwe] aho kuvuga ngo "ugeze ku gupfa." Ijamba ryakoreshejwe mu mwimerere risobanura "ugeze ku" gupfa. Nyamara nta mpaka zishobora guturuka muri ibi zerekeza umuntu ku gukomeza gutekereza k'umuntu no mu gihe yamaze gupfa. Ingingo nyamukuru y'izo mpaka ntabwo igaragara, kubera yuko bidahamya yuko ikamba ry'ubugingo ritangwa uwo mwanya umuntu amaze gupfa. Ku bw'ibyo rero, tugomba gushaka indi mirongo yo mu Byanditswe Byera kugira ngo tumenye igihe cyo guhabwa ikamba ry'ubugingo icyo ari cyo; kandi ibindi byanditswe biduha ibihamya byuzuye. Pawulo avuga yuko ikamba rigomba gutangwa igihe Kristo azaba agarutse (2 Timoteyo 4:8); igihe impanda ya nyuma izaba ivuze (1 Abakorinto 15: 51-54); igihe Umwami ubwe azaba amanutse ava mu ijuru (1 Abatesalonike 4: 16, 17).

Petero we avuga ko ari igihe Umutahiza azaba ahishuwe (1Petero 5:4). Kristo avuga ko ari igihe abakiranutsi bazaba bazutse (Luka 14: 14). Kandi ni igihe azaba aje gutwara abantu be ngo abajyane mu mazu meza yabateguriye, kugira ngo babane na we (Yohana 14: 3). "Ujye ukiranuka ugeze ku gupfa" kandi nuba indahemuka utyo, ubwo igihe kizaba kigeze abera b'Imana bagahabwa ingororano, uzahabwa ikamba ry'ubugingo.

Isezerano Rihabwa Umuneshi.—"Ntacyo azatwarwa n'urupfu rwa kabiri." Mbese hano Yesu ntabwo ari gukoresha ubusobanuro bwiza ku mvugo yakoresheje yigisha abigishwa be igihe yababwiraga ati: "ntimuzatinye abica umubiri badashobora kwica ubugingo, ahubwo mutinye ushobora kurimbura ubugingo n'umubiri muri Gehinomu"? (Matayo 10:28). Hano abizera bo mu itorero ry'i Simuruna bashoboraga kwicwa, nyamara ubugingo bari guhabwa mu gihe kizaza, nta muntu washoboraga kububaka, kandi Imana ubwayo na Yo ntiyari kongera kububaka. Bityo rero, ntabwo bagombaga gutinya abashoboraga kwica umubiri, cyangwa gutinya ibintu byashoboraga kubababaza, kubera ko bari barahamirijwe ko bazabaho iteka ryose.

Ubusobanuro bw'Izina ry'Itorero n'Igihe Ryabereyeho.—Ijambo "Simuruna" risobanura "Ishangi", kandi iri ni izina rikwiriye koko guhabwa itorero mu gihe rinyura mu itanura rigurumana ry'akarengane maze rigahumura nk' "umubabwe uhumura neza." Nyamara bidatinze tuzagera mu gihe cya Constantine, igihe itorero rigaragara mu buryo bushya, rikagaragaza irindi zina rihabanye n'iringiri, maze rigahabwa ubundi butumwa buhura n'amateka yaryo.

Dukurikije ubu busobanuro, itorero rya Simuruna ryabayeho guhera mu mwaka wa 100 kugeza mu mwaka wa 323 N.K.

UMURONGO WA 12 "Wandikire marayika w'Itorero ry'i Perugamo uti "Ufite inkota ityaye ifite ubugi impande zombi aravuga aya magambo ati 13 'Nzi aho uba ko ari ho intebe y'ubwami bwa Satani iri, nyamara ugakomeza izina ryanjye ntiwihakane kunyizera, ndetse no mu minsi ya Antipa umugabo wakiranukiraga kumpamyi, wiciwe iwanyu aho Satani aba. 14 Ariko rero mfite bike nkugaya, kuko iwanyu ufite abakomeza inyigisho za Balamu, wigishije Balaki gushyira igisitaza imbere y'Abisirayeli kugira ngo barye intonōrano kandi basambane. 15 Nawe ni ko umeze, ufite abakomeza inyigisho z'Abanikolayiti nka bo. 16 Nuko wihane kuko nutihana nzaza aho uri vuba, ndwanye abo mbatikure inkota yo mu kanwa kanjye.' 17 "Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero. "Unesha nzamuha kuri manu yahishwe, muhe n'ibuye ryera ryanditsweho izina rishya ritazwi n'umuntu wese keretse urihabwa."

Itorero rya Perugamo.—Nta magambo yo gucirwaho iteka yigeze abwirwa amatorero yabanjirije iri ngiri. Buri gihe cyose akarengane gatuma itorero rikomeza kuba iryera, kagasunikira abizera baryo ku gushaka gukiranuka no kubaha Imana. Ariko ubu noneho tugeze mu gihe cy'itorero

rya Perugamo, ubwo imbaraga zihindura imico zari zitangiye gukora zigatuma mu itorero hinjiramo amakosa n'ibibi.

Ijambo "Perugamo" risobanura "*hejuru cyangwa ahirengeye*." Ni igihe abagaragu nyakuri b'Imana bagombaga guhangana n'umwuka wa gahunda z'ab'isi, ubwibone, gushaka kumenyekana mu bavuga ko ari abayoboze ba Kristo, ndetse n'imikorere mibi y'amayoberane yo gukiranirwa, ibyo bikaba byari ingaruka y'amajyambere y'"umwana wo kurimbuka" w'ubupapa yari amaze kugeraho. 2 Abatesalonike 2: 3

Ishimwe.—"Aho intebe y'ubwami bwa Satani iri." Kristo azirikana ibihe bibi abantu be banyuragamo muri kiriya gihe. Birashoboka ko imvugo itari igenewe kwerekana ahantu. Ku bijyanye n'ahantu, Satani akorera umurimo we ahantu aho ari ho hose Abakristo batuye. Nyamara nta gushidikanya hari ibihe akoresha imbaraga zidasanzwe, kandi ibihe itorero rya Perugamo ryabayemo ni bimwe muri ibyo bihe. Muri icyo gihe, inyigisho ya Kristo yari iri kwangizwa, amayoberane yo gukiranirwa yari ari gukora umurimo wayo, kandi Satani yari ari gushyiraho urufatiro rw'urusobe rukomeye rw'ubuhakanyi, ari rwo ubupapa. Aha ni ho haboneka ukugwa Pawulo yari yarahanyuye mu 1 Abatesalonike 2:3 nk'uko byavuzwe mbere.

Birashimishije kubona yuko umujyi wa Perugamo wahindutse icyicaro cy'aho Babuloni ya kera yasengeraga izuba. "Abanyabwenge b'Abakaludaya bashimishijwe n'igihe kirekire bamaze baguwe neza i Babuloni. Umukuru w'itorero mukuru washyizweho n'umwami ngo ayobore ishuri ryari ririmo abiru 70.... [Nyuma y'uko Abamedi n'Abaperesi bahigaruriye], Abakaludaya bari bamaze gutsindwa bahunziye muri Aziya Nto, maje bashinga ishuri ryabo rikuru ahitwa Perugamo, maze bafata ikigirwamana cyarindaga Babuloni cyari ikibuye gifite umubyimba munini n'impende nyinshi barakijyana. Ahongaho nihobakomereje imihango yabo y'iby'iyobokamana, aho batashoboraga kugenzurwa n'ubutegetsi, maze batangira gucura imigambi mibi yo kubuza amahoro ubwami bw'Abamedi n'Abaperesi, bafatanyaga ubugambanyi n'Abagiriki muri uwo mugambi."¹⁶⁷

Antipa.—Kuba itsinda ry'abantu rirengurirwaho hakoreshejwe iri zina, bikaba bidashatse kuvuga umuntu umwe runaka, hari impamvu ishobora gutuma umuntu abyemera; kubera ko nta makuru y'umwimerere yerekana umuntu nk'uwo dushobora kubona muri iki gihe. Kuri iyi ngingo Wiliyamu Miller avuga amagambo akurikira:

"Bitekerezwa yuko Antipa atari umuntu umwe runaka ahubwo ryari itsinda ry'abantu batemeraga ubushobozi bw'abayobozi bakuru b'idini, cyangwa se abapapa muri icyo gihe, iryo zina rikaba ryari rigizwe n'amagambo abiri ashyizwe hamwe ari yo 'Anti,' risobanura '*uhakana*' na 'Papas' risobanura '*data*' cyangwa '*papa*'; kandi benshi muri bo bababajwe n'akarengane kabereye muri icyo gihe ahitwa Constantinople ndetse n'i Roma, aho abayobozi bakuru b'idini n'abapapa batangiriye gukoreshereza

¹⁶⁷ William B. Barker, *Lares and Penates*, pp. 232, 233.

ububasha bwabo, bwaje kwigarurira bidatinze abami bo ku isi bukabashyira munsu y'ubuyobozi bwabo kandi bugasiribanga uburenganzira bw'itorero rya Kristo. Kandi ku bwanyije, mbona nta mpamvu yo guhakana ubu busobanuro bw'ijambo 'Antipa' riri muri iyi mirongo kubera ko amateka yo muri icyo gihe nta cyo atubwira rwose cyerekeye umuntu runaka waba wari afite iryo zina."¹⁶⁸

Inkoranyamagambo ya Bibiliya yanditswe na Watson ivuga itya: "Amateka y'itorero ya kera nta kintu atubwira ku byerekeye uwitwa Antipa."¹⁶⁹ Adamu Clacke avuga ku gitabo cya kera cyemerwa no muri iki gihe cyitwa "Ibyakozwe na Antipa" nyamara ntabwo adufasha gusobanukirwa n'uwo muntu cyitirirwa uwo ari we.¹⁷⁰

Impamvu yo Kutishimirwa.—Kuba umuntu hari amahirwe adafite, ntabwo bimuha urwitwazo rwo gukorera ibibi mu itorero. Nubwo iri torero ryabayeho mu bihe Satani yarimo akoresha ubuyobe bukomeye, yari inshingano y'abizera bo muri ryo kwirinda ntibanduzwe n'inyigisho ze mbi. Bityo rero banenzwe ko baha urwaho abantu bafite inyigisho za Balāmu ndetse n'Abanikolayiti bakabemerera gukorera hagati muri bo. (Reba ubusobanuro bwatanzwe ku Banikolayiti, mu murongo wa 6). Hano hahishurwa umugabane umwe w'inyigisho za Balāmu. Yigishije Balaki gushyira igisitaza imbere y'abana ba Isirayeli. (Reba mu magambo arambuye ibyo yakoze n'ingaruka byagize mu gitabo cyo Kubara 22-25; n'igice cya 31: 13-16). Bigaragara ko Balāmu yifuzaga kuvuma Abisirayeli kugira ngo yibonere ubutunzi bwinshi nk'ingororano Balaki yari yamuhaye. Nyamara kuko atari abyemerewe n'Uwiteka ngo abavume, yiyemeje kugera ku ntego ye akoresheje ubundi buryo. Yagiriye Balaki inama yo kubashukashuka akoresheje abakobwa b'i Mowabu, ngo baze mu birori by'imigenzo yo gusenga ibigirwamana no gukora ibindi bintu byose byagendanaga na yo. Uwo mugambi wagezweho. Ibizira byo gusenga ibigirwamana byakwiriye mu ngando y'Abisirayeli, bihamagarira umuvumo w'Imana ubageraho bitewe n'ibyaha byabo, maze abantu ibihumbi 24 barapfa.

Inyigisho zitishimiwe zo mu itorero rya Perugamo zasaga n'ubwo buryo bwabo bwo guhengama kwari kubageza ku gusenga ibigirwamana no kwihuza n'isi kw'itorero kutemewe. Amaherezo mu mwuka nk'uwo havuyemo ukwifatanya k'ububasha bwa Leta n'ububasha bw'itorero, ibyaje kugeraho bikabyara ubupapa.

Umuburo.—Kristo yavuze ko nibatihana, ko ari we uzakurikirana icyo kibazo, akaza aho bari (aje kubacira urubanza), akabarwanya (abagundira izo nyigisho mbi); kandi itorero ryose ryari kugibwaho n'urubanza bw'ibibi bikorwa n'abagize ako gatsiko, abo bakingira ikibaba bakaba hagati muri bo.

Amasezerano Ahabwa Umuneshi.—Unesha asezeranirwa kurya kuri manu yahishwe kandi agahabwa n'Uwiteka ibuye ryera ryanditsweho izina

168 William Miller, *Evidence from Scripture and History of the Second Coming of Christ*, pp. 135, 136.

169 Richard Watson, *A Biblical and Theological Dictionary*, p. 69, art. "Antipas."

170 Adam Clarke, *Commentary on New Testament*, Vol. II, p. 978, note on Revelation 2: 13.

rishya kandi ry'igiciro. Abasobanuzi benshi bavuga ko iyi manu, ibuye ryera ndetse n'izina rishya byose bisobanuye imigisha yo mu buryo bwa Mwuka ishobora kwishimirwa muri ubu buzima; nyamara kimwe n'andi mazeserano ahabwa unesha, nta gushidikanya ibi birengurira ku bihe bizaza, kandi bikazatangwa igihe cyo guha abera ingororano. Birashoboka ko amagambo akurikira yanyura umutima cyane nk'andi magambo meza yose yanditswe kuri izi ngingo:

Muri rusange abasobanuzi batekereza ko iki kintu kirengurira ku muco wa kera wakoreshwaga mu bucamanza wo guterera ibuye ry'umukara mu kibindi, bikaba byarakorerwaga gucira umuntu ho iteka, cyangwa se uwaregwaga agahabwa ibuye ryera igihe yabaga ahanaguweho icyaha yaregwaga. Nyamara icyo ni igikorwa gihabanye cyane n'ikivugwa muri ibi byanditswe dufite imbere yacu bivuga ngo 'nzamuha ibuye ryera' ku buryo twiteguye kwemeranya n'abatekereza yuko aya magambo arengurira ku kintu gitandukanye cyane n'iki, kandi kikaba kitari ikintu kitazwi n'umusomyi wo ha mbere, turamutse tubihuje n'umwimerere w'ibyo dufite hano imbere yacu. Mu bihe by'itangiriro ry'itorero, igihe kugenda byari ikintu gikomeye bitewe n'uko abantu babaga bashaka ahantu hahurirwa n'abantu benshi ngo bidagadure, kwakira abantu ukabacumbikira byari ikintu gikorwa n'abantu babikoraga bihishe ku rwego rukomeye, kandi ibyo mu by'ukuri tubona ibimenyetso by'iyi migenzereze mu mateka yose kandi bikaba bidatandukanye n'imigenzereze yo mu isezerano rya kera. Abantu bagiraga uruhare muri uku gucumbikira abashyitsi, n'ababikoraga, inshuro nyinshi bagiraga akamenyero ko kugirana ubucuti n'abantu no kugaragarizanya ko buri wese ahaye undi agaciro; kandi byaje kugeraho bihinduka umuco uhamye mu Bagiriki no mu Baroma, wo guha abashyitsi babagendereye ikimenyetso cyihariye, maze icyo kimenyetso kikagenda giherekanywa kiva ku mubyeyi kigahabwa umwana, ku buryo cyatumaga ucyerekanye acumbikirwa kandi agafatwa neza. Akenshi iki kimenyetso cyabaga ari ibuye ritoya cyangwa se intosho isatuyemo ibisate bibiri, kimwe kikaba cyanditsweho amazina y'umushyitsi ikindi cyanditsweho uwamucumbikiye, maze bakabigurana. Kugira iryo buye byari bihagije kugira ngo ubucuti buboneke hagati y'abo bantu cyangwa se hagati y'ababakomokaho igihe cyose babaga bongeye kunyura muri icyo cyerekezo; nubwo bigaragara ko ayo mabuye yagombaga kubikwa mu buryo bw'ibanga, ndetse amazina yanditsweho agahishwa mu buryo bwitondewe, kuko bitagenze bityo abandi bantu bashoboraga kuyaboneramo amahirwe bakayakoresha mu mwanya w'uwo yabaga agenewe.

"None se ntibigaragara ko byari nk'ibintu bisanzwe kurengurira kuri uyu muco igihe hakoreshwaga aya magambo yo mu isomo ngo 'Nzamuha kurya kuri manu yahishwe;' kandi ngo maze kubigenza ntyo, mbese maze kumuhindura umugabane w'abantu banjye nakira nkanabacumbikira, maze kwemeza ko ari umuntu wanjye nshumbikiye, inshuti yanjye, nzamwerekana afite 'ibuye ryera, kandi kuri iryo buye handitsweho izina rishya ritazwi n'umuntu wese keretse urihabwa?' Nzamuha ikimenyetso

cyerekana ko ari inshuti yanjye, ikimenyetso cyera kandi kidahinduka, kandi kizwi gusa n'ugihabwa.”¹⁷¹

Ku byerekeranye n'izina rishya, Yohana Wesley avuga mu buryo bukwiriye ati: “Yakobo amaze anesha, yahawe izina rishya ari ryo Isirayeli. Mbese wakwifuza kumenya izina ryawe rishya uzahabwa iryo ari ryo? Inzira irasobanutse neza—ugomba kunesha. Keretse kugeza uhindutse umuneshi, naho ubundi ibyo wabaza byose nta gisubizo byabonerwa. Icyo gihe ni bwo uzarisoma ku ibuye ryera.”¹⁷²

Igihe iri Torero Ryabereyeho.—Igihe iri torero ryamaze gihera mu minsi ya Konstantino, cyangwa se wenda, igihe yavugaga ko ahindutse umukristo mu mwaka wa 323 N.K., ukageza igihe ubupapa bwari bushyizweho mu mwaka wa 538 N.K.

UMURONGO WA 18 “Wandikire marayika w'Itorero ry'i Tuwatira uti “Umwana w'Imana, ufite amaso asa n'ibirimi by'umuriro n'ibirenge bye bigasa n'umuringa w'umuteke aravuga aya magambo ati 19 ‘Nzi imirimo yawe n'urukundo rwawe no kwizera kwawe, no kugabura kwawe no kwihangana kwawe, n'uburyo imirimo yawe ya nyuma iruta iya mbere kuba myinshi. 20 Nyamara mfite icyo nkugaya, kuko ukundira urya mugore Yezebeli wiyita umuhanuzikazi akigisha imbata zanjye, akaziyobya kugira ngo zisambane kandi zirye intonōrano. 21 Icyakora namuhaye uburyo bwo kwihana, ariko ntiyashaka kwihana ubusambanyi bwe. 22 Dore nzamugusha ku buriri, mutezane amakuba menshi n'abasambane be nibatihana imirimo yabo mibi. 23 Kandi n'abana be nzabicisha urupfu, amatorero yose amenye yuko ari jye urondora ubwenge n'imitima, kandi ko nzitura umuntu wese wo muri mwe ibikwiriye ibyo yakoze. 24 “Ariko mwebwe mwese abasigaye b'i Tuwatira, badakurikiza izo nyigisho kandi batazi ibyo ba bandi bita ubwiru (ari bwo bwiru bwa Satani!) ndababwira nti: Nta wundi mutwaro mbikoreza keretse uyu, 25 ko mukomeza ibyo mufite mukageza aho nzazira.’ 26 “Unesha akitondera imirimo yanjye akageza ku mperuka, nzamuha ubutware bwo gutwara amahanga yose, 27 azayaragiza inkoni y'icyuma nk'aho ari inzabya z'ibumba, ayiyamenagurize rimwe nk'uko nanjye nabihawe na Data. 28 Kandi nzamuha Inyenyeri yo mu ruturuturu. 29 “Ufite ugutwi niyumve icyo Umwuka abwira amatorero.

Niba igihe itorero rya Perugamo ryamaze cyaremejwe neza, cyaba cyararangiranye no gushyirwaho k'ubupapa mu mwaka wa 538 N.K. Umugabane w'igihe itorero rya Tuwatira ryamaze uhita ugaragara bitagoranye, ni igihe ubu bubasha bwamaze kingana n'imyaka 1260 bufite ububasha buri hejuru y'ubw'abandi bantu bose, cyangwa se uhereye mu mwaka wa 538 ukageza mu mwaka wa 1798 N.K.

Itorero rya Tuwatira.—Ijambo Tuwatira risobanura “*Uburyohe bw'umurimo*” cyangwa “*igitambo cyo kwibabaza*.” Iri zina ryerekana neza

171 Henry Blunt, *A Practical Exposition of the Epistles to the Seven Churches of Asia*, pp. 116-119.

172 John Wesley, *Explanatory Notes Upon the New Testament*, p. 689, comment on Revelation 2:17.

uburyo itorero rya Kristo ryari rimeze mu gihe cy'ubwiganzure bw'ubupapa n'akarengane bwakoreraga abantu. icyo gihe cy'umubabaro w'itorero utarigeze kubaho (Matayo 24: 21), watumye imibereho y'abizera mu by'iyobokamana igira amajyambere. Ku bw'ibyo rero bitewe n'imirimo yabo ari yo: kugirira neza abandi, gukorera Imana, kwizera, no kwihangana, byatumye bahabwa ishimwe na wa wundi ufite amaso ameze nk'ibirimi by'umuriro. Imirimo yongera kuvugwaho, nk'aho ikwiriye gushimwa ubugira kabiri, kandi ku nshuro ya kabiri, bisa n'aho ishimwa mu mbaraga zirenze izo ku nshuro ya mbere. Hari harabayeho iterambere mu mibereho yabo, gukurira mu buntu, no gukura muri ibi bintu byose biranga ubukristo. Iterambere ryabayeho mu gihe ibintu byari bimeze bityo ryashimwe n'Umwami.

Iri torero ni ryo ryonyine ryashimwe bitewe n'iterambere ryagize mu by'Umwuka. Nyamara nk'uko ibihe bibi Perugamo yari irimo bitayibereye urwitwazo rwo kubererekera inyigisho mbi ngo zize mu itorero, ni ko no muri iri torero, ubwinshi bw'imirimo, kugirira neza abandi, gukorera Imana, kwizera cyangwa kwihangana, bitari guhongerera icyaha nka kiriya. Bacyahiwe rero kuba baremereye umukozi wa Satani kuguma hagati muri bo.

Impamvu yo Kutishimirwa.—“Urya mugore Yezebeli.” Nk'uko byagenze mu itorero ribanziriza iri, Antipa wabonetsemo, utari umuntu umwe ku giti cye, ahubwo akaba yari ahagarariye itsinda ry'abantu, nta gushiidikanya ni ko na Yezebeli uvugwa hano akwiriye kumvikana mu buryo nk'ubwo. Inkoranyamagambo ya Bibiliya yanditswe na Watson ivuga itya: “Izina Yezebeli rikoreshe mu buryo bw'umugani. Ibyahishuwe 2: 20.”¹⁷³

Wiliyamu Miller we avuga amagambo akurikira:

“Yezebeli ni izina rikoreshejwe mu buryo bw'imvugoshusho, rirengurira ku mugore wa Ahabu wicishije abahanuzi b'Uwiteka, agatuma umugabo we asenga ibishushanyo, kandi agasangirira n'abahanuzi ba Baali ku meza ye bwite. Nta yindi shusho ikomeye kurusha iyi yashoboraga gukoreshwa mu kwerekana ibizira by'ubupapa. (Reba mu gitabo cya 1 Abami 18, 19 n'igice cya 21. ...) Bigaragara neza mu mateka kimwe no muri uyu murongo wo mu gitabo cy'Ibyahishuwe, yuko itorero rya Kristo ryemereye abayobozi bamwe b'ubupapa bakabwiriza kandi bakigishiriza hagati muri ryo.”¹⁷⁴

Ubusobanuro bwumvikana buvuga ibi bikurikira ku murongo wa 23 ngo: “Abana bagira icyo bavugwaho, kandi ibyo bihamya igitekerezo cy'uko agatsiko hamwe n'abari baherutse kwifatanya na ko ari bo bavugwaga.”

Hano haravugwa urubanza rwari rutegereje uwo mugore, rukaba rusa n'izindi manza zitegereje Itorero Gatulika ry'i Roma ziboneka mu bindi bice by'iki gitabo, ryigaragaza mu ishusho y'umugore wandujwe, nyina w'abamaraya n'ibizira byo mu isi. (Reba Ibyahishuwe 17-19). Urupfu

¹⁷³ Richard Watson, *A Biblical and Theological Dictionary*, p. 535, art. “Jezebel.”

¹⁷⁴ William Miller, *Evidence from Scripture and History of the Second Coming of Christ*, p. 139.

ruvugwa aha nta gushidikanya ni urupfu rwa kabiri ruzabaho ku iherezo ry'imyaka igihumbi iboneka mu Byahishuwe 20, igihe abakiranyuutsi bazahabwa ibihembo n'Uronдора "ubwenge n'imitima" y'abantu bose. Na none kandi aya magambo ngo 'Nzitura umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze,' ni igihamba cy'uko aya magambo abwirwa iri torero arengurira mu buryo bwa gihanuzi ku ngororano zizatangwa ku munsu w'imperuka, cyangwa se ibihano bizahabwa abantu hakurikijwe ibyo bakoze.

"Amatorero Yose Azamenya."—Iyi mvugo yatumye abantu batanga ibitekerezo bavuga yuko aya matorero adasobanura urukurikirane rw'ibihе by'ibwirizabutumwa, ko ahubwo ari amatorero yari ariho muri icyo gihe, bitabaye ibyo, nta kuntu amatorero yose yari kumenya ko Kristo ari we urondora "ubwenge n'imitima" arebye gusa amateka aciriye kuri Yezebeli n'abana be. Ariko se ni ryari amatorero yose agomba kumenya iki kintu?—Ni igihe aba bana bazaba bahanishijwe igihano cy'urupfu. Niba ibyo bizaba igihe urupfu rwa kabiri ruzaba ruzeze ku banyabyaha, bizaba ari ukuri ko ubwo "amatorero yose" azaba yitegereza ayo mateka acibwa, bazamenya ko nta kintu cyahishwe, nta gitekerezo kibi cyangwa umugambi mubi uhishwe mu mutima ushobora guca mu rihumye wa wundi ufite amaso ameze nk'ibirimi by'umuriro, akarondora imitima y'abantu.

"Nta wundi mutwari nkwikeyeza." Twizera yuko ibi birengurira ku isezerano ry'akaruhuko kahawe itorero ngo ritwe umutwari ryari rimaze igihe ryikoreye ariwo wo gutotezwa n'ubupapa. Ibi ntibishobora guhuzwa no kwakira ukuri gushya, kubera ko ukuri atari umutwari ku muntu uwo ari we wese. Nyamara iminsi y'umubabaro yageze kuri iryo torero yagombaga kugabanywa ku bw'intore. (Matayo 24:22). Umuhanuzi aravugaga ati: "bazabona gufashwa buhoro buhoro." (Daniyeli 11:34). Yohana aravugaga ati: "Isi itabara uwo mugore." Ibyahishuwe 12:16.

Umuburo.—Mukomeze ibyo mufite mugeze aho nzazira." Aya ni amagambo y'"Umwana w'Imana" kandi atwereka ibyo kuza kutagira igisibya. Gusanga amatorero ya Efeso na Perugamo byari bifite ikigombero nk'iki ngo: "Ihane, kuko nutihana nzaza aho uri," byasobanuraga ko bagombaga kugerwaho n'ibihano. Nyamara hano havugwa ukuza ko mu bundi buryo. Ntabwo ari ukuzanwa no guhana. Nta kigombero kihavugwa kigomba kubanza gukorwa. Gushyizwe imbere y'umwizera nk'ikintu gitara ibyiringiro, kandi nta kindi gushobora kurenguriraho kitari ukugaruka kwa k'Umwami Yesu aje mu cyubahiro, igihe ibigeragezo bigera ku Mukristo bizaba birangiye, n'umuhati akoresha muri uru rubamba rw'ubuzima, n'intambara zo gushaka gusingira ikamba ryo gukiranuka, bizaba biherutswe n'intsinzi y'iteka ryose.

Iri torero ritugeza mu gihe ibimenyetso byegereza ukugaruka kwa Kristo kuri bugufi biba bitangiye gusohora. Mu mwaka wa 1780, imyaka 19 mbere y'uko iki gihe (cy'iri torero rya Tuwatira) kigera ku musozo, ibimenyetso byari byarahanuwe ku bizaba ku Zuba no ku Kwezi byarasohoye. (Reba ubusobanuro bwo mu Byahishuwe 6:12). Ufatiye kuri ibi bimenyetso

Umukiza yavuze: “Nuko ibyo nibitangira kubaho muzararamwe, mwubure imitwe yanyu, kuko gucungurwa kwanyu kuzaba kwenda gusohora.” (Luka 21:28). Mu mateka y’iri torero, turagenda tukagera ahantu igihe cy’imperuka kiba cyegereje cyane ku buryo ibitekerezo by’abantu biba bishobora rwose guhugukira uko kugaruka mu buryo bw’umwihariko. Kristo yigeze kubwira abayoboke be ati: “Mube muzigenzura kugeza aho nzazira.” (Luka 19: 13). Noneho ubu aravuga ati: “Mukomeze ibyo mufite kugeza aho nzazira.”

Isezerano Rihabwa Umuneshi.—“Akageza ku mperuka.” Iki kigomba kuba cyerekana iherezo ry’igihe cy’Ubukristo. Kristo aravuga ati: “Uwihangana akageza imperuka, ni we uzakizwa.” (Matayo 24:13). Mbese hano ntihari isezerano rimeze nka rya rindi rihabwa abitondera imirimo ya Kristo, bagakora ibyo yabashinze gukora, kandi bakagira kwizera kwa Yesu? (Ibyahishuwe 14:12).

“Ubutware bwo Gutwara Amahanga Yose”—Muri iyi si, abanyabyaha ni bo bategeka, kandi abagaragu ba Kristo nta cyubahiro bahabwa. Nyamara igihe kiraje, ubwo gukiranuka kuzashyirwa hejuru. Igihe kutubaha Imana kuzagaragarira abantu uko kwakabaye, maze kugasigara kwataye agaciro; kandi icyo gihe inkoni y’ubutware izaba yashyizwe mu biganza by’ubwoko bw’Imana. Iri sezerano risobanurwa n’ibihamya ndetse n’ibyanditswe mu buryo bukurikira: Amahanga azashyirwa na Data wa twese mu biganza bya Kristo, kugira ngo ayaragize inkoni y’icyuma, kandi ayamenagure nk’ikibumbano cy’umubumbyi. (Zaburi 2:8,9). Abera bazafatanyaga na Kristo igihe azaba atangiye umurimo we wo gutegeka no guca imanza. (Ibyahishuwe 3: 21). Bazimana na we bahabwe ububasha mu gihe cy’imyaka igihumbi. (Ibyahishuwe 20: 4). Muri icyo gihe, urwego rw’imanza zizaba zicirwa abanyabyaha n’abamarayika babi rurazwi. (1 Abakorinto 6:2, 3). Ku iherezo ry’imyaka igihumbi, bazaba bafite icyubahiro cy’uko bafatanyije na Kristo gushyira mu bikorwa imyanzuro y’urubanza yanditse. (Zaburi 149: 9).

Inyenyeri yo mu Ruturuturu.—Kristo avugaga mu Byahishuwe 22:16 ko we ubwe ari Inyenyeri yo mu ruturuturu, ya yindi itangaza ko igitondo kije. Ahangaha icyitwa “inyenyeri yo mu ruturuturu” cyitwa “Inyenyeri y’amanya [mu ngeri zimwe za Bibiliya]” mu 2 Petero 1:19, aho ihuzwa n’igitondo cy’amanya: “rigakesha ijoro, kugeza igihe inyenyeri y’amanya y’abanyabyaha ibanduriye mu mitima.” Mu gihe cya nijoro abera bamara bari maso, baba bafite ijamba ry’Imana kugira ngo bamurikishe umucyo w’abo bakeneye mu nzira banyuramo. Nyamara igihe inyenyeri y’amanya izaba ibanduriye mu mitima yabo, cyangwa se abaneshi bakaba bahawe inyenyeri yo mu ruturuturu, bazaba begerejwe Kristo biruseho ku buryo imitima yabo izamurikirwa na Mwuka we mu buryo bwuzuye, kandi bazagenda mu mucyo we. Icyo gihe ntibazaba bagikeneye ijamba ry’ukuri ryahanuwe, irikora muri iki gihe nk’itabaza rimurika ahacuze umwijima. Mukabuze muje mbere, mbega isaha y’ubwiza, igihe umucyo w’umunsi urabagirana wo mu ijuru uzarasira mu nzira abakiranutsi banyuramo, maze imirasire y’ubwiza ituruka mu isi ihoraho ikarabagiranira ku mabendera yabo!

IGICE CYA 3

«DORE MPAGAZE KU RUGI NDAKOMANGA»

IBYAHISHUWE 3

UMURONGO WA 1 “Wandikire marayika w’Itorero ry’i Sarudi uti “Ufite imyuka irindwi y’Imana n’inyenyeri ndwi aravuga aya magambo ati ‘Nzi imirimo yawe n’uko ufite izina ry’uko uriho, nyamara ukaba uri intumbi. 2 Jya uba maso ukomeze ibisigaye bigiye gupfa, kuko nabonye ko ari nta mirimo mwakoze itunganye rwose imbere y’Imana yanjye. 3 Nuko ibuka ibyo wākiriye n’ibyo wumvise, ubyitondere kandi wihane. Ariko rero nutaba maso nzaza nk’umujura , nawe ntuzamenya igihe nzagutungurira. 4 icyakora ufite amazina make y’ab’i Sarudi batanduje imyenda yabo. Ni bo bazagendana nanjye bambaye imyenda yera kuko babikwiriye.’ 5 “Unesha ni we uzambikwa imyenda yera, kandi sinzahanagura izina rye na hato mu gitabo cy’ubugingo, ahubwo nzatūrira izina rye imbere ya Data n’imbere y’abamarayika be. 6 “Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero.”

Itorero muri Sarudi.—Niba amatariki amatorero abanza yabeyeho yaratanzwe neza, itorero ry’i Sarudi ryaba ryaratangiye mu mwaka wa 1798. Izina “Sarudi” risobanura “igikomangoma cyangwa indirimbo y’ibyishimo” cyangwa se “igisigaye.” icyo gihe ni bwo tubona amatorero yagezwemo n’ubugorozi nk’agize iri torero, uhereye mu mwaka wavuzwe haruguru ukagenda ukagera ku yindi nkubiri yerekanye itangira ry’ikindi gihe cyabaye mu mateka y’ubwoko bw’Imana.

Impamvu yo Kutishimirwa.—Ikosa rikomeye riboneka ku itorero rya Sarudi, ni uko rifite izina ry’uko ririho, nyamara rikaba ari intumbi. Mbega urwego ruri hejuru mu mirebere y’ab’isi, itorero ryariho ku izina ryari rifite muri kiriya gihe! Itegereze amazina y’icyubahiro meza ryari rifite, urebe n’uburyo ryari ryishimiwe n’ab’isi. Ariko se nimurebe ukuntu ubwibone no gushaka gushimwa n’abantu byagwiriye vuba, kugeza igihe iby’Umwuka byazimiye, umurongo utandukanya itorero n’ab’isi ugasibangana, kandi

amatsinda atandukanye ashimwa n'abantu agasigara ari amatorero ya Kristo gusa ku izina!

Iri torero ryagombaga kumva ukubwirizwa kw'inyigisho yo kugaruka kwa Kristo. Umurongo wa gatatu uravuga uti: "Ariko rero nutaba maso nzaza nk'umujura." Ibi bishatse kuvuga yuko inyigisho yo kugaruka kwa Kristo yagombaga kwigishwa, kandi inshingano yo kuba maso na yo itorero rikayifatanya n'iyoy kubwiriza. Ukuza kuvugwa ntigufite ikigombero. Kutaba maso kwabo ntikwari kubuza Umwami kuza; nyamara kuba maso kwabo kwari kubarinda gutungurwa nk'uko umujura atungura abantu. Abameze batyo gusa ni bo umunsi w'Umwami uzageraho ubatunguye. Pawulo aravuga ati: "Ariko mwebweho benedata, ntimuri mu mwijima ngo uwo munsi ubatungure nk'umujura." 1 Abatesalonike 5: 4.

«Amazina make y'ab'i Sarudi» bishobora kwerekana ko higeze kubaho igihe mu itorero habamo ubwiganze bw'ab'isi. Nyamara nubwo ibintu byari bimeze bityo, hari bamwe bari bagifite imyambaro itanduye, bamwe bari baririnze kwanduzwa n'imbaraga ihumanya y'icyaha. Yakobo aravuga ati: "Idini *ritunganye* kandi ritanduye imbere y'Imana Data wa twese ni iri: ni ugusũra impfubyi n'abapfakazi mu mibabaro yabo, no *kwirinda kutanduzwa n'iby'isi*." Yakobo 1: 27.

Isezerano Rihabwa Umuneshi.—"Bazagendana nanjye bambaye imyenda yera." Ntabwo Umwami yirengagiza ubwoko bwe aho buri hose, bona nubwo baba ari bakeya. Nk'Umukristo uri wenyine, ukaba utari kumwe n'umuntu ufite kwizera nk'ukwawe mushobora gushyikirana, mbese ujya wumva umeze nk'aho ingabo z'abatizera zenda kukumira bunguri? Ntabwo Uwiteka aguhunza amaso, nta n'ubwo ashobora kukwibagirwa. Ikivunge cy'abanyabyaha bakuzengurutse ntigishobora kuba kinini cyane ku buryo cyaguhisha amaso ye. Nukomeza kwirinda kwanduzwa n'ibibi bikuzengurutse, isezerano [ry'Imana] ni impamo. Uzambikwa imyenda yera, umwambaro w'igitare w'abanesheje. Uzagendana n'Umwami mu bwiza. "kuko Umwana w'Intama uri hagati y'intebe y'ubwami, azabaragira akabuhira amasoko y'amazi y'ubugingo, kandi Imana izahanagura amarira yose ku maso yabo." Ibyahishuwe 7: 17.

Ibyo kwambikwa umwenda wera bisobanurwa n'ibindi byanditswe nk'ikimenyetso cyo kuguranirwa ukamburwa gukiranirwa ukambikwa gukiranuka. (Reba muri Zekariya 3:4, 5). Amagambo ngo "Nimumwambure iyo myenda y'ibizinga," asobanurwa n'imvugo ikurikira ngo "Ngukuyeho gukiranirwa kwawe." "Uwo mwenda w'igitare wera" cyangwase umwambaro wera, ni "ugukiranuka kw'abera." Ibyahishuwe 19: 8

Igitabo cy'Ubugingo.—Aha hajemo ikintu cy'ingenzi bitangaje. Igitabo cyanditswe mu gihe kirekire, kirimo amazina y'abantu bari batoranirijwe guhabwa ubugingo! Mbese nyuma yuko amazina yacu yinjizwa mu gitabo cyo mu ijuru, haba hari akaga k'uko ayo mazina ashobora guhanagurwa muri cyo? Ni byo; biramutse atari ko bimeze, ntabwo uyu muburo uba waranditswe. Ndetse na Pawulo ubwe yatinyaga ko yaboneka ko atemewe.

(1 Abakorinto 9: 27). Amazina yacu ashobora kuguma muri icyo gitabo gusa igihe dukomeje gukiranuka tukageza ku mperuka. Nyamara ntabwo abantu bose bazaba abaneshi. Birumvikana ko amazina yabo azahanagurwa mu gitabo. Hano hari amagambo ahavugwa yerekana igihe nyacyo uwo murimo uzabera mu gihe kizaza. Kristo aravuga ati: "Sinzahanagura amazina y'abaneshi", bisa na none no kuvuga ko muri icyo gihe azahanagura amazina y'abatanesha. Mbese ibi si byo Petero avuga agira ati: "Nuko mwihane muhindukire, ibyaha byanyu bihanagurwe ngo iminsi yo guhemburwa ibone uko iza ituruka ku Mwami Imana." Ibyakozwe n'Intumwa 3: 19.

Kubwira unesha ko izina rye ritazahanagurwa mu gitabo cy'ubugingo, ni kimwe no kuvuga ko ibyaha bye bizahanagurwa mu gitabo byanditswemo, ntibizongere kwibukwa iteka ryose. (Abaheburayo 8: 12). Bisobanura yuko kimwe muri ibi bibiri kizahanagurwa: niritaba izina rye, bizaba ibyaha bye bizavanwa mu gitabo cyo mu ijuru. Mbega ukuntu cyaba ari igitekerezo cy'igiciro cyinshi turamutse twatuye ibyaha byacu tukabibabarirwa muri iki gihe! Icyo gihe nituba twarakomeje kuba indahemuka ku Mana, ibi byaha bizahanagurwa ubwo Yesu azaba aje.

Igihe ya saha yo gufata icyemezo izaba igeze, iyo twumva uyu muni wa none ari ikintu gikomeye kizaba mu gihe kizaza, mbese musomyi wumva izakumerera gute? Mbese ibyaha byawe bizahanagurwa, maze izina ryawe rigumishwe mu gitabo cy'ubugingo? Cyangwa se izina ryawe rizahanagurwa mu gitabo cy'ubugingo, ibyaha byawe birekerwe kugira ngo bikomeze kuba urwibutso ruteye ubwoba rwo kugushinja?

Kugaragazwa mu Bwiza.—"Nzaturira izina rye imbere ya Data, n'imbere y'abamarayika be." Kristo yigishije ko igihe abantu bamuhamije cyangwa bakamwihakana, igihe bamusuzuguye cyangwa bakamuhesha icyubahiro hano muri iyi si, baba bagomba guhamirizwa cyangwa bakihakanirwa imbere ya Data wo mu ijuru n'imbere y'abamarayika be bera. (Matayo 10: 32, 33; Mariko 8: 38; Luka 12: 8, 9). Mbega ni nde wakerensa icyubahiro cyo kwemerwa uri imbere y'ingabo zo mu ijuru! Ni nde ushobora kwiyumvisha umunezero uzaba uhari icyo gihe igihe tuzaba turi ab'Umwami w'ubugingo duhagaze imbere ya Se nk'abantu bakoze ibyo ashaka, bakanesha, kandi binyuze mu byo yakoze amazina yabo akaba akwiriye kugumishwa mu gitabo cy'ubugingo kidashobora kwangirika by'iteka ryose!

UMURONGO WA 7 "Wandikire marayika w'Itoreri ry'i Filadelfiya uti "Uwera kandi w'ukuri ufite urufunguzo rwa Dawidi, ukingura ntihagire ukinga kandi ukinga ntihagire ukingura, aravuga aya magambo ati 8 'Nzi imirimo yawe. Dore nshyize imbere yawe urugi rukinguye kandi nta wubasha kurukinga, kuko ufite imbaraga nke nyamara ukitondera ijamba ryanjye, ntiwihakane izina ryanjye. 9 Dore nguhaye bamwe bo mu isinagogi ya Satani biyita Abayuda nyamara atari bo, ahubwo ari abanyabinyoma. Dore nzabahata kuza bikubite imbere y'ibirenge byawe, bamenye yuko

nagukunze. 10 Kuko witondeye ijambo ryo kwihangana kwanjye, nanjye nzakurinda igihe cyo kugerageza kigiye kuza mu bihugu byose kugerageza abari mu isi. 11 Ndaza vuba, komeza ibyo ufite hatagira ugutwara ikamba ryawe. 12 “Unesha nzamugira inkingi yo mu rusengero rw’Imana yanjye kandi ntazasohoka ukundi, nanjye nzamwandikaho izina ry’Imana yanjye n’iry’ururembo rw’Imana yanjye ari rwo Yerusalemu nshya, izamanuka iva mu ijuru iturutse ku Mana yanjye, kandi nzamwandikaho izina ryanjye rishya. 13 “Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero.

Itorero ry’i Filadelifiya.—Ijambo “*Filadelifiya*” risobanurwa ngo “urukundo rwa kivandimwe” kandi rikavuga umwanya abantu bakiriye ubutumwa bwo kugaruka kwa Yesu bari bahagazemo n’umwuka bari bafite kugeza mu rugaryi rwo mu mwaka wa 1844. Ugukanguka mu by’iyobokamana mu mugabane ubanza w’ikinyejana cya 19, kukaba kwarayoboye abantu ku kwiga ubuhanuzi, na byo biza kubageza ku nkubiri y’itsinda ry’Abategereje [kugaruka kwa Yesu]. Abantu baturutse mu matorero atandukanye bemejwe n’imitima yabo ko kuza kwa Kristo kuri bugufi. Kubera ko bari baturutse mu matorero anyuranye, baretse amazina y’amatorero bakomokagamo n’ibitekerezo byayabonekagamo, maze buri mutima wose ugatera kumwe, mbese nk’aho bese bari bafatanyije kuvuza ijwi ry’ikondera ngo baburire amatorero n’isi, nuko babereka kugaruka k’Umwana w’umuntu nk’ibyiringiro nyakuri by’umwizera. Kwikunda no kurarikira ibintu byashyizwe ku ruhande, maze umwuka wo kwiyegurira Imana no kwitanga aba ari wo bashishikarira kugira. Mwuka w’Imana yari kumwe na buri mwizera nyakuri, kandi ishimwe ry’Imana ryari riri kuri buri rurimi. Abatari bari muri iryo tsinda ntibashobora kumva uburyo imitima yabo yari ifite gushakashaka gukomeye, kwiyegurira Imana kwabo, amahoro n’umunezero biva kuri Mwuka Wera, no kwera n’urukundo rushyushye buri wese yari afitiye mugenzi we.

“Urufunguzo rwa Dawidi.”—Urufunguzo ni ikimenyetso cy’ububasha. Umwana w’Imana ni we ufite ubutware bwo kuragwa intebe y’ubwami ya Dawidi; kandi ari bugufi kwisubiza ububasha bwe bukomeye maze akima ingoma. Kubw’ibyo rero agaragazwa nk’ufite urufunguzo rwa Dawidi. Intebe y’ubwami ya Dawidi, cyangwa ya Kristo, ari na yo akwiriye kwicaraho agatega, iri mu murwa mukuru w’ubwami bwe, Yerusalemu Nshya. Iri hejuru mu ijuru, nyamara ikazaba mu isi, aho azategukera by’iteka ryose. (Ibyahishuwe 21:1-5; Luka 1: 32, 33).

“Ukingura Ntihagire Ukunga.”—Kugira ngo usobanukirwe n’iyi mvugo, ni ngombwa kureba umwanya Kristo arimo n’umurimo akora uhura n’ibyo ashinzwe mu buturo, cyangwa mu ihema ry’ukuri ryo mu ijuru. (Abaheburayo 8: 2). Igicucu cyangwa se icyitegererezo cy’ubu buturo bwo mu ijuru cyahozeho hano ku isi mu buturo bwubatswe na Mose. (Kuva 25: 8, 9; Ibyakozwe 7: 44; Abaheburayo 9: 1, 21, 23, 24). Inyubako yo ku isi yari igizwe n’imigabane ibiri: ahera n’ahera cyane. (Kuva 26: 33, 34). Mu mugabane wa mbere w’ahera hari hari igitereko cy’amatabaza, ameza

y'imitsima yo kumurikwa, n'igicaniro cy'imibavu. Mu mugabane wa kabiri hari hari isanduku yari irimo ibisate by'amabuye by'isezerano cyangwa amategeko, n'abakerubi. (Abaheburayo 9: 1-5). Mu buryo nk'ubwo, ubuturo Kristo ari gukoreramo umurimo mu ijuru, na bwo bufite imigabane ibiri, nk'uko bivugwa neza mu Baheburayo 9: 21-24 ko ubuturo n'ibikoresho byose byakoreshwagamo byari "icyitegererezo cy'ibyo mu ijuru." Kubera ko ibintu byose byari byakozwe hakurikijwe icyitegererezo, ubuturo bwo mu ijuru rero bufite ibikoresho bimeze nk'ibiri mu buturo bwo ku isi. Kugira ngo umenye icyo igitereko cy'amatabaza ndetse n'igicaniro cy'imibavu byarenguriragaho, wareba mu Byahishuwe 4:5; n'igice cya 8: 3; noneho kugira ngo umenye icyo isanduku y'isezerano yarenguriragaho, wareba mu Byahishuwe 11: 19. Mu buturo bwo mu isi, abatambyi bakoreragamo umurimo wabo. (Kuva 28: 41, 43; Abaheburayo 9: 6, 7; 13: 11). Umurimo w'abatambyi wari igishushanyo cy'umurimo wa Kristo mu buturo bwo mu ijuru. (Abaheburayo 8: 4, 5).

Umurimo wuzuye uhatse iyindi wakorerwaga mu ihema ryo ku isi inshuro imwe buri mwaka. Nyamara mu ihema ryo mu ijuru, uwo murimo wakozwe inshuro imwe ngo bibe bihagije by'iteka ryose. (Abaheburayo 7:27; 9:12). Ku iherezo ry'umwaka w'umurimo wakorerwaga mu buryo bw'igicucu cy'ibizaza, umutambyi mukuru yinjiraga mu mugabane wa kabiri w'ubuturo, ari ho hitwaga Ahera Cyane h'ubuturo, kugira ngo ahakorere umurimo wo guhongerera; kandi uyu murimo izina ryiza witwa ni ukweza ubuturo. (Abalewi 16:20, 30, 33; Ezekiyeli 45:18). Igihe umurimo wo mu cyumba cy'Ahera Cyane wabaga utangiye, umurimo wo mu cyumba cy'Ahera warahagararaga; kandi nta murimo wahakorerwaga wundi igihe cyose umutambyi yabaga ari gukorera umurimo mu cyumba cy'Ahera Cyane. (Abalewi 16:17).

Ugukingura no gukinga kumeze nk'uku, cyangwa se guhindurwa k'umurimo, kugomba kuzasohozwa na Kristo ubwo igihe kizaba kigeze ngo ubuturo bwo mu ijuru bwezwe. Igihe cyarageze maze uwo murimo uratangira mu iherezo ry'iminsi 2300, mu mwaka wa 1844. Iki gikorwa cyo gukinga no gukingura kivugwa muri uyu murongo tugezeho, gushobora guhuzwa neza na kwa gukingura kuvugwa ko gutangira k'umurimo wa Kristo mu cyumba cy'Ahera Cyane, noneho gukingura kukaba ari uguhagarara k'umurimo wakorerwaga mu mugabane ubanza w'ubuturo, cyangwa se icyumba cy'Ahera. (Reba mu busobanuro bw'insanganyamatsiko y'ubuturo no kwezwa kwabwo muri Daniyeli 8:14).

Ahari umurongo wa 9 uhura na ba bandi batagendana n'uko umucyo w'ukuri ukomeza kugenda ugana imbere, maze bakarwanya Abakristo bajya mbere bakurikije uko uwo mucyo umeze. Abantu nk'abo bazahatirwa kwiyumvamo ko Imana ikunda abumvira ijamba ryayo ndetse babyature n'akanwa kabo, ndetse nibamenya ukuri kwayo bagukurikize.

"Ijambo ryo Kwihangana Kwanjye."—Mu Byahishuwe 14:12 Yohana ahavuga aya magambo ngo: "Aha ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera

amategeko y'Imana bakagira kwizera kwa Yesu." Ababaho muri iki gihe bafite kwihangana, bakaba indahemuka ku kumvira amategeko y'Imana no kwizera Yesu, bazarindwa mu gihe cy'ibishuko no kurimbuka. (Reba ubusobanuro bwatanzwe mu Byahishuwe 13:13-17).

"Dore Ndaza Vuba."—Hano hongeye kuvugwa ukugaruka kwa Kristo, ndetse noneho kurashimangirwa biruta uko byari byavuzwe mu butumwa bubanziriza ubu. Ukwegereza kw'icyo gikorwa hano kurakangurirwa abizera ngo bakwiteho. Ubu butumwa bwerekana igihe iki gikorwa gikomeye kizaba cyenda kubaho. Muri iki gikorwa ni ho tubonera igihamba kidashidikanywaho cy'uko ubu butumwa buri mu buryo bwa gihanuzi. Ibivugwa ku matorero atatu abanza nta bwo birengurira ku kugaruka kwa Kristo, bitewe n'uko mu gihe byabereyemo, icyo gikorwa kitari kuba kitezwe mu by'umwuka. Nyamara ku itorero rya Tuwatira, igihe cyari kigeze ngo ibi byiringiro bikomeye bibe bitangiye kumurikira itorero. Ibitekerezo byerekezwa kuri ibi byiringiro n'aya magambo y'amarenga agira ati: "Komeza ibyo ufite kugeza igihe nzazira."

Imimerere y'itorero rikurikiraho mu gihe cya Sarudi, yasanze itorero riri mu mwanya urushijeho kwegereza icyo gikorwa, kandi tubona ukubwiriza gukomeye kwagombaga guteguriza abantu kugaruka kwa Kristo, ndetse itorero rigafataniriza hamwe n'inshingano yo kuba maso ivuga ngo: "Kuko nutaba maso, nzaza aho uri nk'umujura." Tugera ku itorero rya Filadelfiya ryaje nyuma yaho, kandi ukwegereza kwa cya gikorwa gikomeye icyo gihe kwayoboraga "uwera kandi akaba n'umunyakuri" gutangariza abantu aya magambo arimo gukangura avuga ngo: "Dore ndaza vuba."

Biragaragara ko aya matorero ari mu mwanya ikurikirana mu kwegereza umunsi ukomeye w'Uwiteka, kuko muri buri torero risimbuye irindi, no mu kurushaho kwiyongera k'ukwegereza kw'icyo gikorwa gikomeye, ukwegereza kwacyo kurushaho kwigaragaza cyane, ndetse kukarushaho gusobanuka no gukangura ibitekerezo by'abagize itorero. Mu by'ukuri hano abantu babona ko uwo munsi wegereje. (Abaheburayo 10: 25).

Umuburo.—"Komeza icyo ufite hatagira ugutwara ikamba." Binyuze mu kuba indahemuka [ku Mana] kwacu, nta wundi muntu n'umwe tubuza amahirwe yo kugira ikamba. Inshinga yasobanuwe ngo "gutwara" ifite ubusobanuro bwinshi. Bumwe muri bwo ni ubu ngo: "kwambura umuntu ikintu, kuvuvunura, kugomwa umuntu amahirwe." Ntukemerere umuntu uwo ari we wese, cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose ngo kikuvane mu kuri, cyangwa ngo kigutashure uve mu nzira y'ukuri y'Uwiteka, kuko nubigenza utyo, bizatuma ubura ingororano.

Isezerano Rihabwa Umuneshi.—Unesha azaba inkingi yo mu rusengeru rw'Imana, kandi ntazasohoka ukundi. Urusengeru ruvugwa hano, rugomba kuba bwerekana itorero, kandi isezerano ryo guhindurwa inkingi yo muri rwo, ni isezerano ry'umwanya w'icyubahiro, umwanya uhoraho no gutekanira mu itorero ryakoreshejwe mu ishusho y'inyubako yo mu ijuru.

Ubwo igihe kizaba kigeze ngo uyu mugabane w'isezerano usohozwe, igihe cyo kwemererwamo kizaba kirangiye. Umuneshi azaba ashikamye mu kuri mu buryo bwuzuye, kandi ashyizweho ikimenyetso. "Ntazasohoka ukundi", bishatse kuvuga ko nta kaga kandi kazaba kakiriho ko kugwa. Azaba ari uw'Uwiteka iteka ryose, kandi agakiza ke kazaba kabaye impamo bidasubirwaho.

Uhereye igihe Abakristo bazaba babaye abaneshi kandi bakaba bemejwe ko bazaba mu ijuru, bazaba bashyizweho ikimenyetso cyerekana ko ari ab'Imana na Kristo wayo, maze bashyirweho ikirango cy'igihugu bagiye kuzabamo, ari cyo Yerusalemu Nshya. Bazaba bagomba kwandikwaho izina ry'Imana kuko ari abayo, ndetse bakandikwaho izina rya Yerusalemu Nshya aho bazaba bagiye gutura. Ntabwo iyo ari ya Yerusalemu ya Kera abantu bamwe bari guharanira kandi batazayibona. Kuri bo na none hazaba handitsweho izina rishya rya Kristo, wa wundi ufite ubutware bwo kubaha ubugingo buhoraho, maze bakinjira mu bwami. Abera b'Imana nibamara kwemezwa batyo ndetse bagashyirwaho ikimenyetso, bazaba bari mu mutekano. Nta mwanzi uzaba agishoboye kubabuza kugera mu gihugu bateguriwe kubamo, ari bwo buturo bazaruhukiramo bwuzuye ubwiza, Yerusalemu Nshya yo mu ijuru.

UMURONGO WA 14 "Wandikire marayika w'Itorero ry'i Lawodikiya uti "Uwiyita Amen, umugabo wo guhamya kandi ukiranuka w'ukuri, inkomoko y'ibyo Imana yaremye aravuga aya magambo ati 15 'Nzi imirimo yawe, yuko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize! 16 Nuko rero kuko uri akazuyazi, udakonje ntubire, ngiye kukuruka. 17 Kuko uvuga uti "Ndi umukire, ndatunze kandi ndatunganiwe nta cyo nkennye", utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye ubusa. 18 Dore ndakugira inama: ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke. 19 Abo nkunda bese ndabacyaha, nkabahana ibihano. Nuko rero gira umwete wihane. 20 Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire. 21 "Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye. 22 "Ufite ugutwi niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero."

Itorero rya Lawodikiya.—Ijambo "Lawodikiya" risobanura "gucira abantu urubanza" cyangwa "ubwoko bw'abanyakuri." Ubutumwa bwahawe iri torero butumenyesha iby'iherezo ry'ibihe byo kwemererwamo. Buhishura igihe cy'urubanza. Ni cyo gihe giheruka cy'itorero. Ku bw'ibyo rero, bureba abizera bariho mu gihe cyo kubwirizwa k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, ari bwo butumwa buheruka bw'imbabazi bubanziriza kuza kwa Kristo. (Ibyahishuwe 14:9-14). Mu gihe umurimo wo ku Munsi Ukomeye w'Impungano ukomeje, kandi urubanza rw'igenzura rukaba

rukomereje mu nzu y'Imana, ni cyo gihe amategeko y'Imana y'ukuri kandi yera agomba gufatwa n'itorero ritegereje nk'itegeko ry'ubugingo.

“Uwiyita Amena”—Noneho ubu ni ubutumwa buheruka bugenewe amatorero mbere y'uko igihe cyo kwemererwamo kirangira. Uko Abanyalawodokiya batagira icyo bitaho basobanurwa biteye ubwoba n'urujijo. Nyamara nubwo bimeze bityo, ntabwo wabihakana kubera ko umuhamya wabyo ni “uwo kwizerwa kandi w'ukuri.” Ikindi kandi, ni we “nkomoko y'iby'Imana yaremye.” Iyi mvugo ni yo bamwe baheraho bagundira ikinyoma kivuga yuko Kristo ari ikinyabuzima cyaremwe, nuko bakavuga ko yaremwe mbere y'ikindi kinyabuzima cyose cyangwa ikindi kintu cyaremwe cyose cyaremwe, maze ngo akaba yarabayeho nyuma yuko Imana yibeshejeho kandi Ihoraho. Nyamara iyi mvugo ntabwo yerekeza k'uko yaba yararemwe; kubera ko amagambo ngo “inkomoko [intangiriro] y'ibyaremwe” ashobora gusobanura mu by'ukuri gusa ko umurimo wo kurema watangijwe na we. “Mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na we.” Nyamara abandi dutekereza mu buryo burushijeho kuba bwiza ko, iyo dufashe ijamba “*arche*” ryakoreshejwe mu kuvuga “umukozi” cyangwa “inkomoko nyayo” kandi nyine ni bumwe mu busobanuro bw'iryo jamba, dusobanukirwa ko Kristo ari umukozi Imana yifashishije kugira ngo ireme ibintu byose.

Impamvu yo Kutishimirwa.—Icyo ashinja Abanyalawodokiya ni uko ari abantu b'akazuyaze, ntabwo bashyushye kandi ntibanakonje. Ntibafite uburyohe mu by'iyobokamana, ndetse ntibanafite n'ubwitange umwanya barimo uheruka amateka y'isi ubasaba kugira kandi ngo babe bafite umucyo w'ubuhanuzi ubamurikira mu nzira bacamo. Uku kuba akazuyaze bigaragazwa no kubura imirimo myiza kubera yuko Umugabo wo guhamya abashinja iki kirego giteye ubwoba bitewe n'uko azi imirimo yabo uko imeze.

“Iyaba Wari Ukonje Cyangwa se Ushyushye.”—Hano turahabona imimere y'uburyo butatu mu by'umwuka binyuze muri ubu butumwa—ukonje, akazuyaze, n'ushyushye. Ni ingenzi cyane kugaragaza imibereho buri wese arimo kugira ngo twirinde kuza kugera ku mwanzuro utari wo. Imiterere y'itorero mu bya Mwuka igomba kwitabwaho, ntabwo tuvuga imimerere y'ab'isi. Icyo ijamba “ushyushye” risobanura ntabwo kigoye kucyumva. Ibitekerezo bihita bijya ku muntu ufite ishyaka, igihe urukundo rwe rwose ruzamuka rukagera ku rwego rwo hejuru, ibitekerezo bye bikareherezwa ku Mana no ku murimo wayo, maze bikigaragariza mu mirimo ihwanye na byo. Kuba akazuyaze, ni ukubura iri shyaka, ni ukugira imibereho irangwa n'umutima n'ubushake biri ku rwego rudashyitse, muri iyo mibereho hakaba hatarangwamo kwiya kutagira icyo gusaba, nta kwikorera umusaraba kurimo, nta guhamya Kristo gufite intego, nta no kugaba ibitero ku mwanzu gutuma intwari z'umwuka zikomeza kugira ukurabagirana. Ikibi kurusha ibindi, ni uko abo bantu *banyuzwe* n'uko bameze rwose! Ariko se kuba ukonje bisobanuye iki? Mbese byerekana imibereho yo kwangirika, ubunyacyaha, n'ibyaha nk'uko bigaragara mu isi

y'abatizera? Ntidushobora kubifata dutyo ku bw'impamvu nyinshi zikurikira:

Byasa n'aho ari uguhubuka ndetse n'ibintu bidashimishije kugaragaza Kristo nk'uwifuza ko abantu bamera batyo mu bihe uko byaba bimeze kose. Ariko aravuga ati: *"Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize."*

Nta mibereho ishobora kurushaho kubabaza Kristo nk'iy'umunyabyaha wigomeka ku mugaragaro, kandi umutima we ukaba wuzuye ibibi byose. Bityo rero byaba atari byo kugaragaza Kristo nk'ushaka ko ubwoko bwe buba bumeze butyo mu gihe cyose bukimwitirirwa.

Impamvu yo gucibwa iboneka mu murongo wa 16 ni uko badakonje kandi ntibanashyuhwe. Ni kimwe no kuvuga ngo *"iyaba wari ukonje cyangwa se wari ushyushye sinakuruka."* Nyamara gukonja biramutse bisobanuye imibereho yo kuba umunyabyaha mu buryo bwihandagaje nk'ab'isi, uwo mwanya bahita barekwa mu buryo bwihuse. Bityo rero ubwo ntibushobora kuba ubusobanuro bw'iryo jambo.

Tugera ku mwanzuro uvuga yuko muri iyi mvugo Umwami wacu atarenguriraga na busa ku bantu bo hanze y'itorero, ahubwo yavugaga ku rukundo rw'uburyo butatu mu bya Mwuka, bubiri muri bwo bukaba bwapfa kwemerwa kurenza ubwa gatatu. Gushyuha cyangwa gukonja ni bwo bwapfa kwemerwa kuruta kuba akazuyaze. Ariko se imibereho yo mu buryo bwa Mwuka yerekanwa no kuba *"ukonje"* imeze ite? Bwa mbere dushobora kubona yuko ikivugwa ari uburyo umuntu *ziyumva*. Ugendeye muri iki cyerekezo, ubona ubu buryo buri hejuru yo kuba akazuyaze; bikaba byaba byerekana kugera ku rwego umuntu aba yabaye ikinya, akaba atagifite icyo yitaho, kandi akaba anyuzwe n'uko *ziyumva* ku rwego rwo hejuru. Kuba ushyushye na byo biyanye n'uburyo *ziyumva*. Kuba *"ushyushye"* byerekana ubushyuhwe bunejeje kandi burimo imbaraga no gukora umurimo mu rukundo ku buryo bugaragara ufite umutima ugurumanamo urukundo rw'Imana no kwiyumva ko ugendana na Yo. Bityo rero, kuba *"ukonje"* bishobora kwerekana imibereho y'iby'umwuka irangwa n'ubukene bumeze butyo, nyamara muri icyo mibereho nyirayo akiyumva ko afite ubukene. Iyo mibereho isobanurwa neza n'amagambo ya Yobu ngo *"Iyaba nari nzi aho nyibona!"* Yobu 23: 3.

Mu mibereho nk'iyi ntihaba harimo kutagira icyo witaho cyangwa ngo wumve unyuzwe n'uko umeze; ahubwo umuntu aba *ziyumvamo* ko akonje, ko adakwiriye, kandi ko adatekanye, ndetse akumva akeneye kandi ashaka kugera ku kintu kirushijeho kuba cyiza. Haba hakiriho ibyiringiro ku muntu umeze atyo. Icyo umuntu *ziyumvamo* ko akennye kandi akaba agishaka, azaharanira kukigeraho. Ikintu cy'urucantegye ku bantu bakazuyaze ni uko baba batiyumvamo ko hari ikintu babura cyangwa ngo bumve hari icyo bakeneye. Bityo rero biroroha kubona impamvu Umwami yahitagamo kubona itorero ridafite umutekano bitewe n'uko ryumva ko rikonje, aho kugira ngo aribone rinyuzwe no kuba akazuyaze no kutagira icyo ryitaho. Nta muntu uzigera yifuza gukomeza kuba ukonje. Umwete we

ntuzatinda kumugeza ku kumva afite ubushyuhe n'imbaraga. Nyamara iyo ari akazuyaze, haba hari akaga k'uko azakomeza kumera gutyo kugeza ubwo Umugabo wo guhamya azabona nta kundi byagenda keretse kumuruka nk'ikintu kibi kandi giteye iseseme.

“Ngiye Kukuruka.”—Aha ngaha imvugoshusho yerekana ko iki gikorwa kigitegereje igihe runaka ngo kibone gukorwa, kandi irerekana kurekwa kw'abantu b'akazuyaze bavugwa ko bateye iseseme nk'amazi abishye. Ibi byerekana kurekwa [n'Imana] guheruka, no gutandukanwa burundu n'itorero ryayo.

“Umukire kandi w'Umutunzi”—Imitekerereze nk'iyi ni yo iranga Abanyalawodokiya. Ntabwo ari abantu b'indyarya kubera yuko batazi ko ari abakene, abatindi, impumyi kandi bambaye ubusa.

Umuburo.—Umugabo wo guhamya aravuga ati: “Ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda, ubone kuba umutunzi; ungureho n'imyenda yera, kugira ngo uhisha ubwambure bwawe; ... kandi ungureho umuti wo gusiga ku maso yawe, kugira ngo uhumuke.” Ibi bihita byereka Abanyalawodokiya bishuka ibintu badafite, bikabereka n'urwego rw'ubukene bwabo. Na none kandi byerekana aho bashobora gukura ibi bintu bakenye ku rwego ruteye ubwoba, kandi bikabagaragariza ko bakenye mu buryo bwihutirwa kubisingira. Ikirego baregwa kirihutirwa ku buryo Umurengezi wacu ukorera mu rukiko rwo mu ijuru atwoherereza inama idasanzwe ku bijyanye n'iyi ngingo. Kuba uwemera kutwerekana ubukene bwacu akatwerekana n'aho twagurira ibyadukennye ari na we ufite ibyo dukwiriye kugura, maze akaturarikira kumusanga ngo tubishyikire, ni igihamba simusiga cy'uko kubisaba kwacu kuzahabwa agaciro kandi tugahabwa ibyo twasabye.

Ariko se Tuzahabwa Ibyo Bintu Binyuze mu Zihe Nzira?—Tuzabibona nk'uko tugura izindi mpano zose zibonerwa mu butumwa bwiza. “Yemwe abafite inyota, nimuze ku mazi kandi n'udafite ifeza na we naze. Nimuze mugure murye, nimuze mugure vino n'amata mudatanze ifeza cyangwa ibindi biguzi.” (Yesaya 55:1). Nuko rero tugura binyuze mu gusaba. Nimugure binyuze mu kwitandukanya n'imirimbo itagira umumaro yo muri iyi si maze muyisimbuzwe ifite agaciro katagira akagero. Nimugure binyuze gusa mu kuza maze ukakira; nimugure mutagombye kugira icyo mutanga. None se ni iki tugura binyuze muri ubu buryo bw'ubuntu?—Ni umugati utabwira, umwambaro wera udafite ikizinga, ubutunzi butabwira, n'umurage utabwira kugajuka. Uku ni ukugura gutangaje! Nyamara Uwitwira yemera kugenzereza atya ubwoko bwe. Yashoboraga kudutera kumusanga ku buryo tujya aho ari tumeze nk'abasabiriza, nyamara aho kugira ngo abigenze atyo, aduha ubutunzi bw'ubuntu bwe, maze nk'ingurane, akakira ukuba tudakwiriye kwacu kugira ngo tubashe kwakira imigisha atanga, itari intica ntikize duhawe nk'abantu basabiriza, ahubwo ari ubutunzi dufiteho uburenganzira bwaguzwe igiciro cy'icyubahiro. Ibintu duhabwa bikwiriye kwitabwaho mu buryo bwihariye.

"Izahabu Yatunganirijwe mu Ruganda."—Izahabu ivugwa mu buryo busanzwe, ni izina ryerekana ubutunzi n'ubukire bwose bwo ku isi. Mu buryo bw'imvugoshusho, igomba kuba yerekana ubutunzi bwo mu buryo bwa Mwuka. Mbega ubuntu butangaje bugereranywa n'izahabu! Mbega kugirirwa neza guhebuje! Nta gushidikanya, nta kugirirwa neza na kumwe kwabasha kugereranywa n'ubusobanuro bukubiye muri iri jambo. Umwami yabwiye itorero rya Simuruna yuko azi ubukene bwabo, nyamara bakaba bari abatunzi. Ubwo buhamya bwerekana ko ubutunzi bwabo bwari bwa bundi amaherezo bwajyaga kubahesha kuragwa ikamba ry'ubugingo. Yakobo aravuga ati: "Nimwumve bene Data bakundwa, mbese Imana ntiyatoranyirije abakene b'iby'isi ngo babe ari bo baba abatunzi mu byo kwizera, baragwe ubwami yasezeranije abayikunda?" (Yakobo 2:5). Naho Pawulo akavuga ati: "Kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa udashidikanya ko bitazaba, kandi ni ko kuduhamiriza ibyo tutareba ko ari by'ukuri." (Abaheburayo 11:1). Kuba "umutunzi mu by'Imana", umutunzi mu buryo bwa Mwuka, ni ukugira uburenganzira bugaragara ku masezerano, kuba umuragwa wa wa "murage utabasha kubora cyangwa kwandura cyangwa kugajuka, ari wo namwe mwabikiwe mu ijuru." (1 Petero 1: 4). "Ubwo muri aba Kristo muri urubyaro rwa Aburahamu, muri n'abaragwa nk'uko byasezeranijwe." (Abagalatiya 3:29). Mbese duhinduka abaragwa dute?—Duhinduka abaragwa mu buryo bumwe n'ubwo Aburahamu yahawemo isezerano, ni ukuvuga binyuze mu kwizera. (Abaroma 4: 13, 14).

Nta gitangaje rero kubona ko igice cya 11 cyose cy'igitabo cy'Abaheburayo ryahariwe iyi nsanganyamatsiko y'ingenzi, kigashyira ahagaragara ibintu bikomeye abizeye babashije gukora, n'amasezerano y'agahozo bahawe bitewe no kwizera kwabo. Mu Baheburayo 12:1 tuhabona umwanzuro ukomeye w'ayo magambo igihe abakristo bahendahenderwa kwitandukanya n'ibibaremerera, n'icyaha cyose (cyo kutizera) kibizingiraho vuba.

Nta kintu kizabasha gukomya vuba amasoko y'iby'umwaka maze kikaturoha mu bukene bukomeye mu byerekeranye n'ubwami bw'Imana nko kureka ukwizera kwacu kukaducika maze tugakingurira ukutizera kukinjira. Kwizera kugomba kwinjira muri buri gikorwa cyose gishimishije mu maso y'Imana. Iyo tuyisanze, icyo tugomba gukora mbere na mbere ni ukwizera yuko iriho. Dukizwa binyuze mu kwizera, kuko kwizera ari bwo buryo nyamukuru bunyuzwamo ubuntu bw'Imana kandi na ko kukaba ari impano y'Imana. (Abaheburayo 11: 6; Abefeso 2: 8).

Duhereye kuri ibi, bishobora kugaragara ko kwizera ari ikintu nyamukuru ku byerekeranye no kugira ubutunzi mu bya Mwuka. Nyamara nk'uko twabibonye ahabanza, niba nta kugirirwa neza na kumwe kubasha kugereranywa n'ubusobanuro bukubiye mu ijamba "izahabu", nta gushidikanya yuko ibindi bintu byose bikubiye hamwe no kwizera. "Kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa udashidikanya ko bitazaba." Bityo rero, ibyiringiro ni ikintu kidashobora gutandukanywa no kwizera. (Abaheburayo 11:1; Abaroma 8: 24, 25). Na none Pawulo atubwira yuko kwizera gukorera

mu rukundo, ndetse ahandi hantu akavuga iby’abatunzi mu by’imirimo myiza.” (Abagalatiya 5:6; 1 Timoteyo 6: 18). Bityo rero, urukundo ntirushobora gutandukanywa no kwizera. Imbere yacu rero tuhafite ibintu bitatu Pawulo ahuriza hamwe mu 1 Abakorinto 13—kwizera, ibyiringiro n’ibikorwa byo kugirira neza abandi cyangwa urukundo; ariko ikiruta ibindi byose ni urukundo, ari byo bivuze kuba “umutunzi mu by’imirimo myiza.” Uku ni ko zahabu yatunganirijwe mu ruganda turarikirwa kugura.

“Umwenda Wera.”—Kuri iyi ngingo, bisa n’aho nta mpaka nyinshi zayivukaho. Imirongo mike itanga urufunguzo rwo gusobanukirwa n’aya magambo. Umuhanuzi aravuga ati: “Ndetse n’ibyo twakiranutse bimeze nk’ubushwambagara bufite ibizinga.” (Yesaya 64:6). Tugirwa inama yo kugura umwenda ushyitse kandi udafite ibizinga maze tukawusimbura ubushwambagara bufite ibizinga. Iyo mvugoshusho na none ikoreshwa muri Zekariya 3:3, 4. Mu Byahishuwe 19: 8 Yohana avuga mu buryo bweruye ko “umwenda wera ari yo mirimo yo gukiranuka y’abera.”

Umuti wo Gusiga ku Maso.—Ku bijyanye n’umuti wo gusiga ku maso hashobora kuboneka uburyo buke bwo kudahuza mu bitekerezo kimwe no ku bijyanye n’umwenda wera. Gusiga umuti ku maso ntibikwiriye gufatwa mu buryo busanzwe, kubera yuko bari kurengurira ku bintu bya Mwuka. Umuti wo gusiga ku maso ugomba kwerekana ikintu gituma ukureba kwacu mu buryo bwa Mwuka kugira imbaraga. Hari ikintu kimwe gisohozwa ibi duhishurirwa mu ijamba ry’Imana, kandi icyo ni Mwuka Wera. Mu Byakozwe n’Intumwa 10:38 tuhasoma aya magambo: “Imana yasutse Mwuka Wera kuri Yesu w’i Nazareti.” Umwanditsi Yesu Kristo wanyujijemo iri hishurirwa turi kwiga yandikiye itorero mu rwandiko rwe rwa mbere aya magambo akurikira ati: “Nyamara mwebweho mwasizwe n’Uwera kandi muzi byose. ... kuko gusigwa mwasizwe na we kuguma muri mwe, ari cyo gituma mutagomba umuntu wo kubigisha, kandi nk’uko uko gusiga kwe kubigisha byose kukaba ari uk’ukuri atari ibinyoma, kandi nk’uko kwabigishije mube ari ko muguma muri we.” (1 Yohana 2: 20, 27). Tugereranyije n’ubutumwa bwiza yanditse, bigaragara ko umurimo Yohana yerekana hano nk’uwasohojwe no kusigwa amavuta, ni wo avuga ko wasohojwe na Mwuka Wera. Yesu aravuga “ariko Umufasha ari we Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye ni we uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose.” Yohana 14: 26. (Reba na none Yohana 16: 13).

Bityo rero Umugabo wo guhamya kandi ukiranuka aratugira inama ikwiriye kandi ikomeye akoresheje imvugoshusho ya zahabu, umwenda wera, n’umuti wo gusiga ku maso, ngo dushakire kuri we uburyo ubuntu duhabwa n’ijuru bwo kwizera n’ibyiringiro bwakwiyongera, na kwa gukiranuka gutangwa na we wenyine, ndetse no gusigwa na Mwuka Wera. Ariko se bishoboka bite ko abantu babura ibi bintu bakwiriye gutekereza ko ari abatunzi kandi bakaba ntacyo bakennye? Hano umuntu ashobora guheraho akanzura mu buryo bw’ukuri, kandi birashoboka ko uwo mwanzuro waba ukwiriye ndetse ukaba udashobora gusimburwa n’undi uwo ari wo wose. Bigaragara ko nta kosa riboneka mu nyigisho Abanyalawodokiya

bafite. Ntibashinjwa guha urwaho Yezebeli ngo abe hagati muri bo, cyangwa ngo babe bashyigikira inyigisho za Balāmu cyangwa iz'Abanikolayiti. Duhereye kuri ibyo, dushobora gusobanukirwa yuko imyizerere yabo yari iy'ukuri, kandi n'inyigisho zabo zikaba zitarimo ikinyoma.

Kubw'ibyo rero, umwanzuro ni uko banyuzwe no kugira imyizerere itarimo ikinyoma. Banyuzwe no kugira ishusho yo kwera nyamara ntibagire imbaraga zako. Kuba barakiriye umucyo werekeranye n'ibizaranga iherezo ry'igihe cy'ubutumwa bwiza, no kugira ubumenyi nyabwo bw'ukuri mu by'amagambo bwerekeranye n'abantu bazaba bariho mu minsi ya nyuma, bituma baturiza muri byo maze bakirengagiza imbaraga zo mu bya Mwuka ari zo zihindura ubugingo zikubaka imico ihamye. Nta gushidika, bavuga yuko ari abatunzi kandi batunganiwe binyuze mu bikorwa byabo, atari ku bw'amagambo yabo. Mbese bafite umucyo mwinshi cyane kandi bakagira ukuri kwinshi, ni iki kindi baba bagikeneye. Niba bashyigikira amagambo bigisha, kandi ku mibereho igaragarira amaso bakisanisha n'umucyo urushaho kumurikira ku mategeko y'Imana no kwizera Yesu, mbese gukiranuka kwabo ntikuzaba gushyitse? Mbese si abatunzi, kandi bakaba batunganiwe ndetse badafite icyo bakenye? Aha ni ho gutsindwa kwabo kuri. Impagarike yabo yose yakagombye gutaka isaba Umwuka, ishyaka, ubushyuhu, ubugingo n'imbaraga kugira ngo ubukristo bwabo bube ari buzima.

Ikimenyetso cy'Urukundo.— Nk'uko bishobora kugaragara nk'ibidasanzwe, guhanwa ni ikimenyetso cy'urukundo. "Abo nkunda ndabacyaha nkabahana ibihano." Niba tudahanwa, tuba turi ibibyarwa tutari abana nyakuri. (Abaheburayo 12:8). Augustus C. Thompson aravugaga ati: "Hano hagaragara itegeko rusange ry'ubutunzi bw'ubuntu bwe. ... Kubera ko ku rwego runaka bose bakeneye guhanwa, bose bahabwa igihano ku rugero runaka, bityo bakabona igihamya cy'uko bakiri kumwe n'Umukiza. Iri ni isomo riruhije kwigwa, kandi abizera ni abigishwa babaswa; nyamara hano no mu ijamba ry'Imana hose no mu kugira neza kwayo, bigaragara ko ibigeragezo ari imigisha yayo, kandi ko nta mwana wayo idakubita ikiboko. Abatemera kwigishwa kandi ngo bakosorwe n'abantu bameze nk'ibyuma bigoranye bararekwa, mu gihe ibyuma by'icyubahiro biba byiteguriwe inyundo n'icyuma cyo kubiha ishusho nziza. Nta seri ryo ku muzabibu w'ukuri ritagomba kujugunywa mu muvure. Umwubahamana wo mu gihe cya kera wari mu mubabaro yaravuze ati: 'Ku bwanjye, ku bwanjye ndahimbaza Imana kuko nabonye kandi numva ineza nyinshi binyuze mu burakari Imana yansutseho ku buryo nendaga gutembanwa na bwo. Nzi neza kandi nshima Imana cyane iyo ntekereje uburyo imbabazi zayo zitarondoreka zimeze, igihe amateka yayo yuzuyemo imbabazi.' Bityo rero, nureba inkomoko y'igihano kikugeraho ukareba n'umugambi wacyo, 'ujye ugira umwete kandi wihane.' Ntukagire igihe upfusha ubusa; ntugakubitwe ikiboko ngo gipfe ubusa, ahubwo ujye uhita wihana. Ugire umwete mu mwuka. Icyo ni cyo kintu cya mbere gikwiriye kugutera ubutwari."¹⁷⁵

¹⁷⁵ Augustus C. Thompson, *Morning Hours in Patmos*, pp. 260, 261.

Gira Umwete Wihane.—Nubwo twabonye ko imibereho yo gukonja ari yo umuntu yahitamo aho kuba akazuyaze, nta bwo ari yo Umwami yifuza ko tugira. Ntabwo dushishikarizwa kugira imibereho nk'iyi. Hari imibereho irushijeho kuba myiza tugirwa inama yo guharanira kugeraho; kandi iyi ni yo yo kugira umwete, kugira ubushyuhe, no gutuma imitima yacu igira ubushyuhe n'umunezero wo gukorera Databuja.

Kristo Ukomanga ku Rugi.—Augustus C. Thompson aravuga ati: “Aha ni ho hari umutima uhebuje indi yose. Atitaye ku buryo bamubabaza binyuze mu myifatire yabo, imico yabo itari iyi gukundwa, akunda cyane ubugingo bwabo ku buryo yicisha bugufi akabahendahendera ko bakwemera akabahindura abahiriwe. “Dore mpagaze ku rugi, ndakomanga.” Kubera iki abigenza atya? Ntabwo ari uko adafite ahandi yataha. ... Mu mazu meza yo mu rugo rwa Se nta na hamwe adakinguriwe imiryango. Ni we bugingo bwa buri muntu wese, ni umucyo wa buri jisho, indirimbo ya buri rurimi mu bwiza. Nyamara agenda aha ku rugi akajya ku rundi mu itorero rya Lawodokiya. Ahagarara kuri buri rugi rwose agakomanga, kubera ko yazanywe no gushaka no gukiza icyazimiye, kubera ko atareka intego ye yo gutanga ubugingo buhoraho ngo abugeze ku bantu bose Se yamuhaye, ndetse akaba adashobora kumenyekana mu mutima keretse gusa urugi rumukinguriwe kandi agahabwa karibu muri nyiri uwo mutima. Mbese waguze umurima, cyangwa ibimasa bitanu? Mbese ufashe ingofero yawe mu biganza usaba yuko impamvu zawe zakwemerwa? Arakomanga ndetse akongera agakomanga. Nyamara ntushaka kwemera ko abana nawe ubungubu. Waba uruhijwe n'imirimu; wakomeje kwizengurutse mu ntebe wicayemo; uri kwihumuriza ko nta kibazo, nuko ukamutumaho ko ufite umugeni. Arakomanga akongera agakomanga. ... Ni igihe cy'amateraniro yo gusenga mu itorero cyangwa igitaramo cy'ukwezi; hari amahirwe yo gusura umuntu runaka cyangwa umuryango mu rwego rwa gikristo; nyamara ntaho ujya. ... Mbega akazuyaze gateye iseseme! Mbega kuba uw'isi bizakwicisha! Umwami w'icyubahiro aje aho uri avuye mu ijuru—aje ari umukene, aje atutubikana icyuya, ndetse n'amaraso—aje ku rugi rw'umuntu uvuga ko ari inshuti ye, ugomba kumumurikira ibyo yamuhaye byose; none dore ntashobora kwinjira!—Azanywe no gukiza umuntu wahiriye mu nzu, nyamara uwo muntu ntashaka kumukingurira ngo yinjire! Mbega uburebure bw'ikijyejuru n'ubw'ikijyepfo bwo kwihangana kwa Yesu Kristo! Yemwe, n'abategetsu b'abapagani bakiriye Pawulo, bamucumbikira iminsi itatu bamuhaye icyubahiro. Mbese abakristo bo ku izina bazabwira Shebuja w'intumwa ko nta cumbi bafite ryo kumuha?»¹⁷⁶

«Umuntu niyumva ijwi ryanjye.» Ubwo rero Umwami arahendahenda kandi agakomanga. Ijambo ngo «nyumva» ryerekana ko hari bamwe batazumva. Nubwo ahagaze akomanga, bamwe bazavunira ibiti mu matwi kugira ngo batumva guhendahenda kwe. Nyamara nubwo bimeze bityo, kumva ntibihagije. Tugomba gukingura urugi. Mbega ukuntu hari abumva ijwi ku nshuro ya mbere maze bakamara umwanya runaka bumva

bacishijwe bugufi kandi benda kumvira iryo jwi, ariko ku iherezo bakazananirwa gukora icyo bari bakwiriye gukora ari cyo kugirana umushyikirano n'umushyitsi wo mu ijuru!

Musomyi, mbese amatwi yawe afunguriwe kumva uguhendahenda Umukiza akugezaho? Mbese wumva wishimiye kumva ijwi rye? Mbese uzaryumvira? Uzamukingurira se maze yinjire? Cyangwa urugi rw'umutima wawe rukingishijwe ibirundo by'ibishingwe byo mu isi udashaka gukuraho. Wibuke yuko Umwami w'ubugingo atajya na rimwe yinjira ku mbaraga. Yicisha bugufi akaza maze agakomanga ashaka yuko umukingurira; nyamara yemera icumbi ryo mu mitima yemera kumwakira ikamurarikira kwinjira nk'umushyitsi.

Nuko rero isezerano ni iri ngo «Nzinjira iwe dusangire.» Mbega ukuntu iyi mvugoshusho ifite imbaraga kandi ikora ku mutima! Inshuti iri kumwe n'indi nshuti, basangira ifunguro ryo mu muryango banezerewe! Ibitekerezo biri hamwe, baganira mu bwisanzure kandi ntacyo bahishanya! Mbega ukuntu aho Umwami w'icyubahiro yakiriwe nk'umushyitsi hagomba kuba hari ibirori byiza! Iyi mvugo ntishobora kwerekanwa n'urugero rw'ubumwe busanzwe, umugisha usanzwe cyangwa amahirwe tumenyereye. Ni nde ushobora gukomeza kuba ntibindeba imbere yo kwinginga koroheje n'isezerano ry'imbabazi nk'iri? Nta nubwo dusabwa gutegurira ameza uyu mushyitsi wo mu rwego rwo hejuru. Ni we uyategura, kandi ntakoresha ibiribwa byinshi bya hano ku isi, ahubwo akoresha amafunguro akuye mu nzu y'ububiko bwe bwo mu ijuru. Hano adushyira imbere umusogongero w'ubwiza buri hafi guhishurwa. Hano aratwereka ishusho y'umurage wacu w'ahazaza «utabasha kubora cyangwa kwandura, ndetse utagajuka.» Ni ukuri, nidukora ibyo adusaba kandi tukemera iri sezerano, tuzagira imibereho yo gukura kw'inyenyeri yo mu ruturuturu mu mitima yacu, kandi tubone umuseso w'igitondo cyuzuye ubwiza cy'itorero ry'Imana.

Isezerano Rihabwa Umuneshi.—Isezerano ryo gusangira n'abigishwa ritangwa n'Umwami mbere yuko atanga isezerano riheruka ariha umuneshi. Ibi byerekana ko abantu bagomba kwishimira imigisha ikubiye muri iryo sezerano muri iki gihe cya none cyo kwemererwamo. Noneho iri sezerano rihabwa unesha ryongerwa ku yandi yose riragira riti: «Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami nk'uko nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye y'ubwami.» Aha ni ho amasezerano y'Umwami asoreza. Umuntu avuye mu kwigomeka, kugwa, gusigingira no guhumana, noneho yongeye kungwa n'Imana binyuze mu murimo w'Umucunguzi. Ahanaguweho guhumana kwe, aracunguwe avanwe mu kugwa kwe, ahinduwe udapfa, kandi ku iherezo arazamuwe yicajwe ku ntebe y'ubwami y'Umucunguzi we. Nta kindi cyubahiro no gushyirwa hejuru byaruta ibyo. Ibitekerezo bya kimuntu ntibishobora kwiyumvisha ibyo bintu uko bimeze; ururimi rwa muntu ntirushobora kubisobanura. Dushobora gukomeza gukora gusa kugeza ubwo nitunesha tuzamenya icyo ibyo bisobanuye.

Muri uyu murongo, ntiharimo iby'isezerano ry'icyubahiro gusa, ahubwo harimo n'inyigisho y'ingenzi. Utwigisha yuko Kristo azategekera ku ntebe ebyiri za cyami zikurikiranye. Iya mbere ni intebe ya cyami ya Se, indi ni intebe y'ubwami ye bwite. Muri uyu murongo avuga ko yanesheje, none akaba yicaranye na Se ku ntebe ye y'ubwami. Ubu ngubu afatanyije na Se kwicara ku ntebe y'ubwami butegeka isi n'ijuru byose, yashyizwe iburyo bw'Imana, hejuru y'abafite ubutware, abafite ububasha, n'imbaraga, n'abategetsi bese. (Abefeso 1:20-22). Mu gihe akiri muri uwo mwanya, ni umwami akaba n'umutambyi. Ni umutambyi, «umukozi ukorera mu buturo»; nyamara na none akaba ari n'iburyo bw'intebe y'Ikomeye cyane yo mu ijuru.» Uyu mwanya ndetse n'umurimo w'Umucunguzi wacu wari waravuzwe mbere n'umuhanuzi Zekariya ngo: «Umubwire uti 'Uwiteka Nyiringabo [Imana] aravuga ati: 'Dore umuntu witwa Shami [Kristo] uzumbura azamera ahantu he, kandi ni we uzubaka urusengero rw'Uwiteka. 13 Ni koko ni we [Kristo] uzubaka urusengero rw'Uwiteka, azagira icyubahiro, azicara ku ntebe y'ubwami [y'Imana] ategeke, kandi [Kristo] azaba umutambyi ku ntebe ye. Bombi bazahuza inama zizana amahoro [mu murimo wo kuba igitambo akaba n'umutambyi, uwo Kristo akorera umunyabyaha wihana].» Zekariya 6: 12, 13.

Nyamara igihe kiraje maze agahindura umwanya we, akava ku ntebe y'ubwami ya Se, bityo agafata intebe ye bwite y'ubwami. Ibi bizaba ubwo igihe cyo kugororera abanesheje kizaba kigeze, kubera ko igihe bazaba bahabwa ingororano, bazicarana na Kristo ku ntebe ye y'ubwami, nk'uko na we yanesheje none ubu akaba yicaranye na Se ku ntebe ye y'ubwami. Uku guhindurwa k'umwanya wa Kristo kuvugwa na Pawulo agira ati: «Ni bwo imperuka izaherako isohore, ubwo azashyikiriza Imana ubwami, ari yo Data wa twese, amaze gukuraho ingoma zose n'ubutware bwose n'imbaraga zose, 25 kuko akwiriye gutegeka kugeza aho azashyirira abanzi be muni y'ibirenge bye. 26 Umwanzi uzaheruka gukurwaho ni urupfu, 27 kuko handitswe ngo "Yamuhaye gutwara byose abishyira muni y'ibirenge bye." Ariko ubwo ivuga iti "Ahawe gutwara byose", biragaragara yuko Iyamuhaye gutwara byose itabibariwemo. 28 Nuko byose nibimara kumwegurirwa, ni bwo n'Umwana w'Imana ubwe aziyegurira Iyamweguriye byose kugira ngo Imana ibe byose kuri bese. 1 Abakorinto 15: 24-28.

Ukuri kwigishirizwa muri iyi mirongo y'Ibyanditswe Byera, ahari gushobora kuvugwa mu magambo make umuntu asubiye mu magambo akagenda akoresha izina mu mwanya w'ahari hakoreshejwe insimbuzina. Byamara bitya rero:

«Ni bwo imperuka izaherako isohore (iherezo ry'iki gihe cyacu turimo), ubwo azashyikiriza Imana ubwami, (ubwo afatanyije na Se muri iki gihe) ari yo Data wa twese, amaze gukuraho ingoma zose n'ubutware bwose n'imbaraga zose (bwa bundi burwanya umurimo w'umwana w'Imana), kuko Kristo akwiriye gutegeka (ku ntebe y'ubwami ya Se) kugeza aho Se azashyirira abanzi be muni y'ibirenge bya Kristo. [Reba muri Zaburi 110: 1.] Umwanzi uzaheruka gukurwaho ni urupfu. Kuko (icyo gihe) Imana

izaba yashyize ibintu byose munsu y'ibirenge bya Kristo. Ariko ubwo ivuga iti "Kristo ahawe gutwara byose" (kugira ngo atangire gutegekera ku ntebe ye bwite ya cyami), biragaragara yuko Imana yahaye Kristo gutwara byose itari ishyizwe munsu y'ibirenge bya Kristo. Nuko byose nibimara kwegurirwa Kristo, ni bwo n'Umwana w'Imana (Kristo) ubwe aziyegurira Imana yamweguriye byose kugira ngo Imana ibe byose kuri bese. »

Duhereye kuri ibi, biragaragara ko ubwami Kristo azegurira Se ari ubwo ateguka muri iki gihe aho yicaye ku ntebe y'ubwami ya Se, aho atubwira ko yicaye muri iki gihe. Ku iherezo ry'umurimo we w'ubutambyi nk'umuhuza, azatanga ubu bwami, ubwo igihe kizaba gisohoye ngo afate intebe ye bwite y'ubwami. Nyuma yaho azateguka yicaye ku ntebe ya Se Dawidi, kandi azaba arutwa gusa n'Imana izaba igifite intebe ya cyami iteguka ijuru n'isi. Abera bazagira umwanya muri ubu bwami bwa Kristo. "Unesha, nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami." Yohana aravugaga ati: "Barazuka [guhera igihe umuzuko wa mbere wabereye] bimana na Kristo imyaka igihumbi." (Ibyahishuwe 20: 4). Dusobanukirwa yuko ubu bwami budasanzwe, cyangwa se kubw'impamvu idasanzwe, nk'uko tuzabibona muri icyo gice, kubera yuko ubwami bw'abera "buzahoraho iteka ryose." (Daniyeli 7:18, 27). Mbese bishoboka bite ko ibirangaza byo ku isi byadutashura ntidukomeze guhanga amaso ibyo mu ijuru bizahoraho iteka ryose?

Uku ni ko ubutumwa bugenewe amatorero arindwi busoza. Mbega ukuntu ubu buhamya butunga umuntu agatoki kandi bukamurondora! Mbega amasomo abukubiyemo afasha Abakristo bo mu bihe byose! Ni ukuri ku itorero riheruka nk'uko kwari n'ukuri ku itorero ribanziriza ayandi yose, ko imirimo yabo yose izwi n'ugendera hagati y'ibitereko birindwi by'amatabaza. Nta kintu gihishwa ijisho rye ritabasha kugira icyo risobwa. Mu gihe hakurikijwe ubutabera indyarya n'inkozi z'ibibi zenda gucurwa imanza ziteye ubwoba, mbega ukuntu amasezerano [Yesu Kristo] aha abamukunda bakamukurikira bataryarya asobanutse kandi ahumuriza, ndetse yuzuye imbabazi kandi akaba ari ay'icyubahiro!

IMBERE Y'INTEBE YA CYAMI Y'IMANA

IBYAHISHUWE 4

UMURONGO WA 1 Hanyuma y'ibyo ngiye kubona mbona mu ijuru urugi rukinguye, kandi numva rya jwi nabanje kumva rivugana nanjye rimeze nk'iry'impanda rimbwira riti "Zamuka uze hano nkwereke ibikwiriye kuzabaho hanyuma y'ibyo."

Mu bice bitatu bibanza, Yohana yerekanye iyerekwa yagize ryo kubona umwana w'umuntu. Yasobanuye ugukomera kwe, anandika amagambo yose yavuze n'ijwi rye ryari rimeze nk'iry'amazi menshi. Ikindi kintu gishya ni iyerekwa rishya noneho ribonetse imbere yacu. Amagambo ngo "hanyuma" ntabwo yerekana ko ibivugwa mu Byahishuwe 4 ndetse no gukomeza byagombaga kubaho nyuma yo gusohora kw'ibivugwa byose mu bice bitatu bibanza. icyo bisobanura gusa ni uko nyuma yuko umuhanuzi abona kandi akumva ibivugwa hano, yabonye irindi yerekwa ari ryo atangiye kuvuga hano.

"Urugi Rwari Rukinguwe mu Ijuru."—Bikwiriye kwitabwaho ko "urugi rwari rukinguwe mu ijuru", ntabwo ari urugi rwinjira mu ijuru. Aya magambo mu rurimi rw'Igiheburayo akurikiranye atya: "Dore, urugi rukinguwe mu ijuru." Ntabwo ari urugi rwinjira mu ijuru ubwaryo rwari rukinguriwe intekerezo za Yohana, nk'uko byagenze kuri Sitefano (Ibyakozwe 7: 56), ahubwo hari ahantu mu ijuru hari hakinguriwe imbere y'amaso ye, maze ahabwa amahirwe yo kwitegereza ibyahaberaga. Kuba icyo Yohana yabonye gikinguye cyari ubuturo bwo mu ijuru, bisazobanuka neza mu yindi migabane y'iki gitabo.

"Ibikwiriye Kubaho Hanyuma y'Ibyo."—Gereranya ibi n'ibiri mu Byahishuwe 1:1. Ingingo ikomeye iboneka mu Byahishuwe isa n'aho ari ukwerekana ibizaba mu gihe kizaza bizigisha itorero, bikariha imbaraga ndetse bikarihumuriza.

UMURONGO WA 2 Muri ako kanya mba mu Mwuka. Nuko mbona intebe y'ubwami iteretswe mu ijuru, mbona n'Uyicayeho. 3 Uwari uyicayeho yasaga n'ibuye ryitwa yasipi n'iryitwa sarudiyo, kandi umukororombya wari

ugose iyo ntebe usa na simaragido. 4 Iyo ntebe yari igoswe n'izindi ntebe makumyabiri n'enyere. Kuri izo ntebe mbona abakuru makumyabiri na bane bicayeho bambaye imyenda yera, no ku mitwe yabo bari bambaye amakamba y'izahabu. 5 Kuri ya ntebe y'ubwami haturukaga imirabyo n'amajwi no guhinda kw'inkuba, kandi amatabaza arindwi yaka umuriro yamurikiraga imbere y'iyi ntebe. Ayo matabaza ni yo Myuka irindwi y'Imana."

Mu Mwuka.—Muri iki gitabo, hari ubwo twigeze kubona amagambo ngo "Ku muni w'Umwami nari mu Mwuka" (Ibyahishuwe 1: 10), aho byafashwe ko Yohana yahawe iyerekwa ku Isabato, cyangwa ku muni nyakuri w'Umwami. Niba aho ngaho bisobanura uko umuntu uri mu iyerekwa aba ameze, hano na ho bigomba kuba bisobanura kimwe. Kubw'ibyo rero, iyerekwa rya mbere rirangirana n'Ibyahishuwe 3, noneho iyerekwa rishya rigatangirira hano. Nta nubwo umuntu yahakana ko mbere gato y'uko ibyo bibaho, nk'uko tubibona mu murongo wa mbere w'iki gice, Yohana yari mu buryo bw'umwuka nk'ubwo ku buryo yashoboraga kureba hejuru akabona urugi rukinguye mu ijuru, kandi akumva ijwi rimeze nk'ijwi rikomeye ry'impanda rimuhamagara ngo azamuke yegere hafi y'imyumviye y'ibyo mu ijuru. Sitefano na we igihe yari yuzuye Mwuka Wera, yarebye hejuru abona ijuru rikinguye, abona Umwana w'umuntu ari iburyo bw'Imana. Kuba mu Mwuka byerekana urwego rwo hejuru rwo kuzamurwa mu buryo bwa Mwuka. Umuni iri yerekwa ryabereyeho ntabwo twuzi.

Na none ubwo Yohana yerekwaga ibyo mu ijuru, bwa mbere yabonye intebe y'ubwami ishingwa mu ijuru, maze abona ufite ishusho y'Imana ayicaraho. Uburyo ishusho y'uwo yabonye yasobanuwemo, yari yambaye imyenda y'uruvange rw'amabara, bisa no kubwira ubwenge bw'umuntu umwami wambaye imyenda ya cyami. Ahazengurutse intebe y'ubwami hari hari umukororombya, na wo wongeraga igitinyiro ku byari biri kuba, kandi bikatwibutsa ko binyuze muri uwo wicaye kuri iyo ntebe y'ubwami ari na we Ufite ubutware bwose akaba n'umutegetsi w'ikirenga. Nyamara nubwo bimeze bityo, ni Imana ikomeza isezerano.

Abakuru Makumyabiri na Bane.—Mbese ibyo biremwa byari bizengurutse intebe y'ubwiza ni ibihe? Bigaragara ko bari bambaye imyenda yera kandi bafite amakamba y'izahabu ku mitwe yabo, akaba yari ikimenyetso cy'intambara barangije n'intsinzi babonye. Duhereye kuri ibi, twanzura tuvuga yuko mu gihe runaka bigeze gufata igihe mu ntambara ya gikristo, kandi igihe kimwe bigeze kugendesha ibirenge byabo mu nzira abera bose banyuzemo. Ariko bakaba barabaye abaneshi, ndetse bakaba barabimburiye iteraniro rinini ry'abacungu mu kwambara amakamba yo kuneshya yo mu gihugu cyo mu ijuru. Mu by'ukuru batumenyesha ibi ngibi mu ndirimbo yo guhimbaza baririmba Umwana w'Intama: "Nuko baririmba indirimbo nshya bati "Ni wowe ukwiriye kwenda igitabo no kumena ibimenyetso bigifatanije, kuko watambwe ugacungurira Imana

abo mu miryango yose no mu ndimi zose, no mu moko yose no mu mahanga yose ubacunguje amaraso yawe.” (Ibyahishuwe 5:9). Iyi ndirimbo iririmba mbere yuko hari ikintu na kimwe mu bivugwa mu buhanuzi bw’ibimenyetso birindwi kibaho; kubera yuko yaririmbiwe kwerekana ko Umwana w’intama ari we ukwiriye kwenda igitabo akamena ibimenyetso bigifataniye hakurikijwe ibyo yari yarabashije gusohozwa—ari byo gucungurwa kwabo. Ntabwo byavuzwe hano hashingiwe ku byo yari yitezweho gukora, ngo ubusobanuro bwayo bube burebana n’ibizabaho mu gihe kizaza, ahubwo yerekana ukuri guhamye kw’ibyarangiye mu mateka y’abayiririmbye. Bityo rero aba bantu ni itsinda ry’abacunguwe—bacunguriwe mu isi, bacunguwe nk’uko abandi bose bagomba gucungurwa, bacungurwa n’amaraso ya Kristo.

Mbese hari ahandi hantu dusoma iby’iri tsinda ry’abacunguwe? Dutekereza ko Pawulo yarenguriraga kuri iri tsinda igihe yandikiraga Abefeso amagambo akurikira: “Ni cyo gituma ivuga iti ‘Amaze kuzamuka mu ijuru, ajyana iminyago myinshi, Aha abantu impano.’” (Abefeso 4:8). Iyo dusubiye inyuma tukareba ibintu byabaye igihe cyo kubambwa no kuzuka kwa Kristo, dusoma aya magambo ngo “ibituro birakinguka, intumbi nyinshi z’abera bari barasinziriye zirazurwa, bava mu bituro, maze amaze kuzuka binjira mu murwa wera, babonekera benshi.” (Matayo 27:52, 53). Bityo igisubizo cy’ikibazo cyacu kiza kitarimo kwibeshya na guke kivuye mu mpapuro zera. Hari bamwe bavuye mu bituro byabo igihe Kristo yari azutse, bakaba barabariwe hamwe n’abantu benshi Kristo yavanye mu ngoyi z’umwijima w’urupfu igihe yazamukaga mu ijuru anesheje. Matayo yandika iby’umuzuko wabo, Pawulo akandika ibyo kuzamurwa mu ijuru kwabo, maze Yohana akababona bari mu ijuru, bakora inshingano zera izo bari bazuriwe kugira ngo bazikore.

Ntabwo ari twe dufite imyumvire nk’iyi twenyine. Yohana Wesley yavuze amagambo akurikira ku byerekeye abakuru makumyabiri na bane: “Bambaye imyenda yera”—iki kintu ndetse n’amakamba yabo ya zahabu byerekana ko bari bararangije urugendo rwabo, maze bagahabwa imyanya yabo mu baturage b’ijuru. Nta na rimwe bitwa ubugingo, kandi ngo ku bw’ibyo bibe bishoboka ko baba barahawe imibiri y’ubwiza. Gereranya na Matayo 27: 52.”¹⁷⁷

Kuba bivugwa ko abakuru makumyabiri na bane bicaye ku ntebe z’ubwami ni ikintu kigomba kwitabwaho mu buryo bw’umwihariko. Uburyo dufite aya magambo yahinduwemo buravuga ngo “ibyicar”, nyamara mu Kigiriki ijamba ryakoreshejwe *thronoi* risobanurwa intebe z’ubwami, ijamba rikoreshejwe inshuro eshatu mu murongo wa 2 n’uwa 3, rikanahita rikoreshejwe inshuro imwe mu murongo wa 4. Bityo, mu ngeri ya Bibiliya ivuguruwe handitswemo ngo “Ahazengurutse iyo ntebe y’ubwami, hari hari intebe z’ubwami makumyabiri n’enyine, kandi kuri zo nabonye abakuru makumyabiri na bane bazicayeho.” Muri ubwo buryo, uyu

¹⁷⁷ John Wesley, *Explanatory Notes Upon the New Testament*, p. 695, comment on Revelation 4:4.

murongo umurika umucyo ku mvugo ikoreshwa muri Daniyeli 7: 9, ahavuga ngo "Nkomeza kwitegereza kugeza aho bashyiriyeho intebe z'ubwami." Izo ni zo za ntebe z'ubwami, kandi nk'uko byagaragajwe muri uwo murongo, ntabwo bisobanura yuko izo ntebe z'ubwami zahiritse, cyangwa ngo zibe zaraciwe nk'uko mu magambo asanzwe watekereza ko ari ko iyo mvugo isobanuye, ahubwo zashyizweho cyangwa zirashingwa. Iyi mvugoshusho yavanywe mu mucu wo mu Burasirazuba aho basasaga imisambi cyangwa imifariso kugira ngo abashyitsi b'icyubahiro babashe kuyicaraho. Aba bakuru makumyabiri na bane (Reba ubusobanuro bwatanzwe mu Byahishuwe 5) biragaragara ko ari abafasha ba Kristo mu murimo akora nk'umuhuza mu buturo bwo mu ijuru. Igihe ibyerekeye urubanza rwo muri Daniyeli 7: 9 byatangiraga kuba mu cyumba cy'Ahera cyane, intebe z'ubwami zabo zarahashinzwe dukurikije ibivugwa muri uwo murongo.

Amatabaza Arindwi Yaka Umuriro.—Muri aya matabaza arindwi yaka umuriro tubonamo icyo amashusho y'igitereko cy'amatabaza cya zahabu cyari kiri mu buturo bwa kera yarenguriragaho; cya kindi cyari giteretsweho amatabaza arindwi yaka. Iki giterereko cy'amatabaza cyashyizwe mu cyumba cya mbere cy'ubuturo bwo ku isi hakurikijwe amabwiriza y'Imana. (Kuva 25: 31, 32, 37; 26: 35; 27:20). Noneho rero igihe Yohana atubwira ko urugi rwari rukingwe mu ijuru, ndetse mu cyumba cyari gikingwe ngo arebemo akabonamo igitereko cyashushanywaga n'icyabonekaga mu buturo bwo ku isi, ni igihamba cy'uko yarebaga mu mugabane wa mbere wo mu buturo bwo mu ijuru.

UMURONGO WA 6 Imbere y'iyi ntebe hariho igisa n'inyanja y'ibirahuri isa n'isarabwayi, kandi hagati y'iyi ntebe no kuyizenguruka hari ibizima bine byuzuye amaso imbere n'inyuma. 7 Ikizima cya mbere cyasaga n'intare, icya kabiri gisa n'ikimasa, icya gatatu cyari gifite mu maso hasa n'ah'umuntu, naho icya kane cyasaga n'ikizu kiguruka. 8 Ibyo bizima uko ari bine byari bifite amababa atandatu atandatu, byuzuye amaso impande zose no mu nda. Ntibiruhuka ku manywa na nijoro, ahubwo bihora bivuga bita "Uwera, Uwera, Uwera, ni we Mwami Imana Ishoborabyose, ni yo yahozeho kandi iriho kandi izahoraho." 9 Iyo ibyo bizima bihaye icyicara kuri ya ntebe ihoraho iteka ryose icyubahiro no guhimbazwa n'ishimwe, 10 ba bakuru makumyabiri na bane bikubita imbere y'icyicara kuri iyo ntebe, bakaramya Ihoraho iteka ryose, bakajugunya amakamba yabo imbere y'iyi ntebe bavuga bati 11 "Mwami wacu, Mana yacu, ukwiriye guhabwa icyubahiro no guhimbazwa n'ubutware koko, kuko ari wowe waremye byose. Igituma biriho kandi icyatumye biremwa ni uko wabishatse."

Inyanja y'Ibirahure.—Ntabwo yari igizwe n'ibirahure, ahubwo uko yakabaye yasaga n'ibirahure—igisa n'ibirahure bisobanuye ikintu kirabagirana nk'uko uwitwa James Strong abivuga mu nkoranyamagambo yo mu rurimi rw'Ikigiriki. Iki gitekerezo cyongera gushigikirwa mu gihe cyo kugereranya inyanja y'ibirahure isobanurwa nk' "ikintu cyose

kigaragarira amaso ndetse kikaba gikenkemuye, mbese nk'urubura cyangwa ikirahure.” Aho iyi nyanja yari iri herekana ko itari ikigereranyo cy'igikarabiro cyabonekaga mu murimo wa kera wo mu buturo. Ishobora kuba yari ikwiriye munsu y'intebe y'ubwami, no ku mfatiro zayo, yemwe ndetse no mu murwa wose uko wakabaye. Yongera kugaragazwa mu Byahishuwe 15: 2, nk'ahantu abanesheje bazahagarara bafite ibyishimo bitangaje byo kunesha kwabo guheruka. Aho ni ho tuzahimbariza Uwaduhaye kunesha.

Ibizima Bine.—Guhindura ururimi kwakoreshejwe aha ntabwo gushimishije igihe bahinduraga bakoresheje ijambo “ibikoko” muri uyu murongo. Bloomfield avuga mu busobanuro bwe ko ijambo ry'ikigiriki “*zoon*” ryakoreshejwe hano ryerekana neza “ikiremwa gifite ubuzima” Ni ‘ibizima bine’ (ntabwo ari *ibikoko*). ... Kuba ubu bugororangingo bwakwemerwa ko ari ubw'ukuri muri iki gihe, nizera ko bihuriweho n'abasobanuzi benshi. Iri jambo ritandukanye by'ihabya n'ijambo [*therion*, risobanura *igikoko* cyo mu gasozi] ryakoreshejwe mu kwerekana inyamaswa zivugwa mu buhanuzi bwo mu gice cya 13 n'ubwo mu gice gikurikiraho (Scholefield). Umuntu ashobora kongeraho ko uwitwa Bulkeley ashingira aho agatanga ingero nyinshi kuri rya jambo “*zoon*” aterekana gusa ikiremwa gifite ubuzima, ahubwo yerekana n'ikiremwa muntu, by'umwihariko mu busobanuro bumwe mu bwatanzwe n'uwitwa Origen wakoresheje iryo jambo ashaka kuvuga Umwami wacu Yesu.”¹⁷⁸

Imvugoshusho nk'iyi ikoreshwa mu gice cya mbere cy'igitabo cy'umuhanuzi Ezekiyeli. Imico yajyaga gusa n'aho isobanurwa n'ibimenyetso ni imbaraga, kwihangana, gutekereza neza no kwihuta cyane—imbaraga z'urukundo, kwihangana mu gusohozwa ibisabwa n'inshingano, gutekereza cyane mu gusobanukirwa umugambi w'Imana, no kwihuta cyane mu bijyanye no kumvira. Ibi bizima ndetse byegereye cyane intebe ya cyami mu byerekeye umushyikirano, kurusha abakuru makumyabiri na bane, kuko byerekanywe biri hagati yayo ndetse n'ahayizengurutse. Kimwe n'abakuru, indirimbo yabyo yari iyo guhimbaza Umwana w'Intama kuko yabacunguye akabavana mu isi. Kubw'ibyo rero, na byo bigize itsinda rimwe na bo, ndetse bikaba ari umugabane umwe w'abagize iteraniro rinini ryasobanuwe mbere (reba ubusobanuro bw'umurongo wa 4), ko bazamuwe mu ijuru nk'iminyago inyazwe urupfu. Ku byerekeranye n'iyi nsanganyamatsiko yo gucungurwa, reba ubusobanuro bwatanzwe ku Byahishuwe 5: 8.

Ntibaruhuka.—Yohana Wesley atangara anezerewe ati: “Mbega ukutaruhuka kunejeje!” Insanganyamatsiko yo kuramya kwabo guhoraho ni iyi ngo “Uwera, Uwera, Uwera, ni we Mwami Imana Ishoborabyose, ni yo yahozeho kandi iriho kandi izahoraho.” Nta ndirimbo ishimishije kuruta iyi yigeze ituruka ku minwa y'abaremwe. Bayisubiramo “amanywa n'ijoro”

¹⁷⁸ S. T. Bloomfield, D. D., *The Greek Testament With English Notes*, Vol. II, p. 574, comment on Revelation 4: 6.

cyangwa se mu buryo buhoraho, kandi aya magambo icyo yerekana gusa ni uburyo igihe cyitabwaho hano, kubera ko aho intebe y'ubwami y'Imana iri nta joro rihaba. (Ibyahishuwe 21:23, 25).

Twebwe abantu bapfa dusa n'abenda kunanizwa no gusubiramo ubuhamya bworoshye dutangira hano bwo kugira neza kw'Imana n'imbabazi zayo. Rimwe na rimwe tugwa mu ikosa ryo kutagira icyo tuvuga, kuko tudashobora gukomeza kuvuga ikintu gishya. Ariko se, ntidukwiriye kwigira isomo ryiza ku byo ibi biremwa byera byo mu ijuru bikora, ibitajya binanizwa no gusubiramo ubutaruhuka aya magambo ngo "Uwera, Uwera, Uwera, ni we Mwami Imana Ishoborabyose;" kandi kuri bo aya magambo akaba atajya yigera asaza, kubera ko imitima yabo ihora irabagiranamo ibitekerezo byo kwera kw'Imana, kugira neza kwayo ndetse n'urukundo rwayo? Kuri bo, guhimbaza ntibijya bibabera indirimbo yaharurutswe, kubera ko buri jambo ryose bavuze ribaha imyumvire mishya ku mico y'Imana Ishoborabyose. Bagera ku rugero rwo hejuru kurutaho mu gusobanukirwa n'iyerekwa bahabwa ku byerekeranye no kubonera kwayo; ubunini bwo kubonera kwayo bwagukira imbere y'amaso yabo maze imitima yabo ikaguka, nuko urukundo rususurutse rushyashya rwo kuyikunda cyane rukabatera kuvuga amagambo mashya yo kuyiramywa kwabo kwera, ndetse kukaba ari gushyashya kuri bo ngo "Uwera, Uwera, Uwera, ni we Mwami Imana Ishoborabyose!"

Bityo no kuri twe turi hano [ku isi], nubwo amagambo asubirwamo ibihe byinshi kubyerekeranye no kugiraneza kw'Imana, imbabazi zayo, n'urukundo rwayo, agaciro k'ukuri kwayo, n'ubwiza bw'isi izaza, ibi ntibikwiriye guhinduka nk'ibyaharurutswe mu matwi yacu. Dukwiriye mu mibereho yacu yose guhora dukurira mu myumvire mishya ku bijyanye n'imigisha tubonera muri izi nsanganyamatsiko z'agahozo.

"Mwami wacu, Mana yacu, ukwiriye guhabwa icyubahiro no guhimbazwa n'ubutware koko." Ntituzashobora na rimwe gusobanukirwa n'uburyo Imana ari yo ikwiriye koko, nk'uko ibiremwa byera bibibona, kugeza ubwo tuzaba tumaze kwambikwa kudapfa, tugahagarikwa "imbere y'ubwiza bwayo tudafite inenge." Yuda 24.

Waremye Byose.—Imirimo yo kurema ni yo igize urufatiro rwo guha Imana icyubahiro no guhimbazwa n'ubushobozi. Igituma biriho kandi icyatumye biremwa ni uko yabishatse [cyangwa byavuye mu bushake bwayo]. Imana yagize ubushake maze ibintu byose bibaho; kandi hakoreshejwe ubwo bubasha, bikomeza kubaho kandi bigakomezwa.

IGICE CYA 5

IKIBAZO CY'IGITABO

GIFATANISHIJWE

IBIMENYETSO

IBYAHISHUWE 5

UMURONGO WA 1 Mbonana Iyicaye kuri ya ntebe igitabo mu kuboko kw'iburyo cyanditswe imbere n'inyuma, kandi gifatanishijwe ibimenyetso birindwi by'ubushishi.

Mu gihe igice gishyashya gitangiye, rya yerekwa ni ryo rikiri mu bitekerezo by'intumwa. Amagambo ngo "Iyicaye kuri ya ntebe" bigaragara ko asobanuye Imana Data, kuko Umwana wayo azamo nyuma gato yitwa "Umwana w'Intama watambwe." Igitabo Yohana yabonye hano, cyari gikubiyemo ibyerekanywe byagombaga gushyirwa mu bikorwa mu mateka y'itorero kugeza ku iherezo ry'ibihe. Kuba uwo muzingo wari uri mu kiganza cy'Iyicaye kuri ya ntebe, bishobora gusobanura yuko kumenya ahazaza ari iby'Imana yonyine, keretse gusa igihe ibonye yuko bikwiriye guhishurirwa abandi.

Igitabo Gifatanishijwe Ibimenyetso.—Ibitabo byakoreshwaga igihe Ibyahishuwe byatangwaga, ntabwo byari bikozwe kimwe n'ibitabo bikorwa muri iki gihe. Ntabwo byari bigizwe n'urukurikirane rw'impapuro zibumbiwe hamwe, ahubwo byari bigizwe n'uruhu rurambuye cyangwa ikindi gikoresho bashoboraga kuzinga. Kuri iyi ngingo Yohana Wesley yaranditse ati:

"Ibitabo abo mu bihe bya kera bifashishaga ntabwo byari bimeze nk'ibyacu, ahubwo yari imizingo, cyangwa se imirambaro miremire y'impuzi zingirwe ku nkoni ndende, nk'uko ibihe byinshi tuzingira igitambaro ku nkoni. Uku ni ko uyu muzingo na wo wagaragajwe, ndetse ukaba wari ufatanishijwe ibimenyetso birindwi. Ntabwo byari bikozwe mu buryo intumwa yashoboraga kubona ibyo bimenyetso byose icyarimwe; kubera ko kuri iyo nkoni hari hazingirweho imizingo irindwi, imwe igiye izingirwe ku yindi, kandi buri wose ukaba ufatanishijwe ikimenyetso: ku buryo iyo

hamenwaga kimwe, hanyuma umuzingo wa mbere ukazingurwa, icya kabiri cyahitaga kigaragara kandi kigakomeza kuba gifatanishijwe ikimenyetso kugeza ubwo na cyo kimenwe, bigakomeza bityo kugeza ku muzingo wa karindwi.”¹⁷⁹

Iki gitabo nticyari cyanditswemo utwatuzo nk'uko ibitabo byo muri iki gihe bimeze, cyangwa ngo ku rundi ruhande rw'umuzingo inyuma na ho habe handitswe amagambo. Bibiliya yitwa *Cottage Bible* ivuga itya: “Grotius, Lowman, Fuller ndetse n'abandi, bagiye bakuramo akitso, bityo 'imbere hakandikwa, inyuma (cyangwa se hanze h'umuzingo) hagashyirwa ikimenyetso”¹⁸⁰ Uko ibi bimenyetso byashyirwagaho birasobanutse bihagije.

UMURONGO WA 2 Mbona marayika ukomeye abaririza n'ijwi rirenga ati “Ni nde ukwiriye kubumbura kiriya gitabo no kumena ibimenyetso bigifatanije?” 3 Ntiyagira uwo mu ijuru cyangwa uwo mu isi cyangwa uw'ikuzimu, ubasha kubumbura icyo gitabo cyangwa kukireba. 4 Nuko ndizwa cyane n'uko hatabonetse ukwiriye kubumbura icyo gitabo, habe no kukireba.

Ikibazo.—Mu iyerekwa nk'uko byari biri, Imana yari ifashe igitabo ku buryo abari mu ijuru no mu isi bakirebaga, maze marayika ukomeye, (nta gushidikanya agomba kuba yarigaragazaga cyane kandi akaba umunyambaraga), yaje nk'utabaza, kandi avuga n'ijwi rikomeye abaza niba hari uwo mu baremwe mu ijuru no mu isi ushobora gukoresha imbaraga ze n'ubwenge bwe kugira ngo amenye inama z'Imana. Mbese ni nde wari kuboneka ko akwiriye kubumbura igitabo, maze akumena ibimenyetso bigifatanije? Hashize umwanya. Mu ituze abari mu ijuru no mu isi bagaragaje ko badafite ubushobozi ndetse ko badakwiriye kwinjira mu nama z'Umuremyi. “Nta wo mu ijuru” wabonetse, nta n'umwe; bisobanuye ko atari umuntu buntu gusa, ahubwo nta n'umwe, nta cyaremwe na kimwe cyabonetse mu ijuru. Mbese iki si igihamba cy'uko ubwenge bw'abamarayika bufite aho bugarukira, nk'uko ubw'umuntu bufite aho bugarukira ku byerekeranye no kumenya iby'ahazaza no no guhishura ibyo mu gihe kizaza? Igihe intumwa yabonaga ko nta n'umwe uteye intambwe ngo aze kubumbura igitabo, yagize ubwoba cyane atekereza ko inama z'Imana zari ziri muri icyo gitabo ku bijyanye n'ubwoko bwayo zitari kuzigera zimenyekana. Kubw'impuhwe yari afite mu bitekerezo bye, ndetse no ku bw'ishyamba yari afiteye itorero, yararize cyane. Yohana Wesley aravugaga ati: “Mbega ukuntu abahangayikishijwe n'ibindi bintu bihabanye n'ibyari bibabaje Yohana byo kumenya ibyari biri muri kiriya gitabo bangana!”¹⁸¹

Uwitwa Joseph Benson agira ubusobanuro atanga kuri aya magambo ngo “*Ndarira cyane*” agira ati: “Ubwo yari ababajwe no gutekereza yuko nta wo mu baremwe wari kuboneka ngo ashobore gusobanukirwa, guhishura,

179 John Wesley, *Explanatory Notes Upon the New Testament*, p. 697, comment on Revelation 5:1.

180 *The Cottage Bible*, Vol. II, p. 1391, note on Revelation 5: 1.

181 John Wesley, *Explanatory Notes Upon the New Testament*, p. 697, comment on Revelation 5:4

no gusohoza inama z'Imana, yatinze ko izo nama zari gukomeza kuba zihishwe itorero. Uku kurira kw'intumwa kwaturutse mu kuremererwa kw'intekerezo. Impuhwe yari afite mu mutima we nk'uko yari asanzwe, ubu noneho zagaragaye neza kuko atari agishoboye kwiyumanganya. Ibyahishuwe ntabwo byanditswe nta marira atemba; ni nako bitazashobora kumvikana nta marira atemba.”¹⁸²

UMURONGO WA 5 Umwe muri ba bakuru arambwira ati “Wirira dore Intare yo mu muryango Wa Yuda n'Igishyitsi cya Dawidi aranesheje ngo abumbure igitabo amene ibimenyetso birindwi bigifatanije.” 6 Nuko mbona hagati ya ya ntebe na bya bizima bine no hagati ya ba bakuru, Umwana w'Intama uhagaze usa n'uwatambwe, afite amahembe arindwi n'amaso arindwi ari yo Myuka irindwi y'Imana itumwa kuja mu isi yose. 7 Araza akura cya gitabo mu kuboko kw'iburyo kw'Iyicaye kuri ya ntebe.”

Ntabwo Yohana yemerewe kurira igihe kirekire, Imana ntishaka ko ubumenyi bushobora gufasha abantu bayo babwimwa. Hari hateganyijwe ubasha kubumbura igitabo. Bityo rero umwe mu bakuru yagiriye Yohana inama ati: “Wirira dore Intare yo mu muryango wa Yuda n'Igishyitsi cya Dawidi aranesheje, ngo abumbure igitabo amene ibimenyetso birindwi bigifatanije.” Impamvu yatumye hatoranywa umwe mu bakuru kugira ngo abe akwiriye kugeza kuri Yohana ariya makuru, ntihatoranywe ikindi kiremwa, ntigaragara, keretse gusa biramutse byaratewe n'uko kuba baracunguwe na byo byatumaga baba baziranye na Kristo, kandi bakaba bari bishimiye cyane ibintu byose bifitanye isano no kugubwa neza ku itorero ryari riri ku isi.

Hano Kristo yitwa “Intare yo mu muryango wa Dawidi.” Kubera iki yitwa intare? Kandi ni kuki yiswe intare yo mu muryango wa Yuda?—Ku bijyanye n'ikibazo cya mbere, birashoboka ko kwari ukwerekana gukomera kwe. Kubera ko intare ari umwami w'izindi nyamaswa, umwami w'ishyamba, ihinduka ityo ikimenyetso cy'ubutware n'ubushobozi bwa cyami. Ku bijyanye no kuba ari iyo mu “muryango wa Yuda,” nta gushidikanya ko bituruka ku izina yiswe mu buhanuzi buboneka mu Itangiriro 49: 9, 10.

“Igishyitsi cya Dawidi.”—Kristo yari isoko no gukomezwa kwa Dawidi mu mwanya yarimo n'ububasha yari afite. Kuba umwanya Dawidi yari arimo yari yarawushyizwemo na Kristo, kandi mu buryo bwihariye akaba yari akomejwe na We, ntawabishidikanyaho. Dawidi yari ishusho yarenguriraga kuri Kristo. Intebe y'ubwami ya Dawidi n'ubutegetsu bwe muri Isirayeli byari igishushanyo cy'ubutegetsu bwa Kristo igihe azaba ateguka ubwoko bwe. Azategekera ku “ntebe y'ubwami ya se Dawidi.” (Luka 1:32, 33). Kubera ko Dawidi yakomotse mu rubyaro rwa Dawidi igihe yishyiragaho kamere yacu, ni na yo mpamvu yitwa “urubyaro rwa Dawidi,” ndetse akaba “inkoni yo mu gitsina cya Yesayi.” (Yesaya 11:1, 10; Ibyahishuwe

182 Joseph Benson, *Commentary on the New Testament*, Vol. II, p. 721, notes on Revelation 5: 4.

22:16). Kuba hagaragazwa isano afitanye n'intebe y'ubwami ya Dawidi, maze hakerekanwa uburenganzira afite bwo gutegeka ubwoko bw'Imana, ni ho akura ubutware bwo guhabwa umurimo wo kumena ibimenyetso.

"Aranesheje."—Iri jambo ryerekana ko uburenganzira bwo kubumbura igitabo yabubonye bitewe n'intsinzi yagiye abona mu ntambara zari zarabanjirije icyo gihe. Muri icyo gice tuhabona uburyo barondora iby'uku kunesha kwe. Ibikurikiraho bitwereka umuuzimo ukomeye wa Kristo nk'Umucunguzi w'abari mu isi no kumeneka kw'amaraso ye kugira ngo habeho kubabarirwa ibyaha kandi ngo agakiza ka muntu kaboneke. Muri uyu murimo yahuraga n'ibitero bikomeye cyane kurusha ibindi yagabwagaho na Satani. Ariko yanesheje ibishuko, yihanganira urupfu rwo ku musaraba, azuka anesheje urupfu n'igituro, nuko aharura inzira yo gucungurwa mu buryo buhamye—aranesha! Bityo rero ibizima bine n'abakuru makumyabiri na bane bamuririmba indirimbo bati: "Ni wowe ukwiriye kwenda igitabo no kumena ibimenyetso bigifatanije, kuko watambwe ugacungurira Imana abo mu miryango yose no mu ndimi zose, no mu moko yose no mu mahanga yose ubacunguje amaraso yawe."

Yohana arabareba hirya no hino ngo arebe ko yabona intare yo mu muryango wa Yuda maze agiye kubona abona Umwana w'Intama watambwe hagati y'intebe ya cyami no hagati ya bya bizima bine n'abakuru makumyabiri na bane.

Hagati ya ya Ntebe—Filipo Doddridge yahinduye aya magambo mu buryo bukurikira: "Nditegereza ... hagati y'intebe ya cyami no hagati y'ibizima bine ndetse no hagati y'abakuru ... mbona hahagaze ... Umwana w'Intama."¹⁸³ Hagati y'ibyari biri kuba muri uwo mwanya, hari hari intebe y'ubwami ya Imana Data, kandi hagati aho ahantu hisanzuye hari hahagaze Umwana [w'Imana] wari uri mu ishusho y'Umwana w'intama watambwe. Ahahazengurutse hari hahagaze abera bacunguwe; bwa mbere hari abari bahagarariwe n'ibizima bine, uruziga rwa kabiri rwari rugizwe n'abahagarariwe n'abakuru, noneho hagakurikiraho abamarayika (umurongo wa 11) na bo bakarema uruziga rwa gatatu. Kuba Kristo ari we wari ukwiriye igihe yari ahagaze mu ishusho y'umwana w'intama watambwe, icyo ni cyo cyari igisingizo cy'iryo teraniro rinini ry'abera.

Asa nk'Uwatambwe.—Hakurikijwe amagambo yanditswe na Yohana C. Woodhouse wavuzwe mu gitabo cy'ubusobanuro bukubiye hamwe¹⁸⁴, yaravuze ati: "Mu rurimi rw'Ikigiriki havugwa ko Umwana w'Intama yagaragaraga nk'ufite uruguma ku gikanu no mu muhogo, mbese nk'aho yari yasogotewe ku gicaniro nk'igitambo."¹⁸⁵ Ku bijyanye n'iyi nteruro, Adam Clarke avuga aya magambo ati: "Mbese nk'aho ubu ngubu yaba ari mu gikorwa cyo gutambwa. Ibi biragaragara neza; ituro ry'igitambo cya

¹⁸³ Philip Doddridge, *The Family Expositor*, Vol. VI, p. 405, Paraphrase of Revelation 5: 5.

¹⁸⁴ *Comprehensive Commentary*

¹⁸⁵ William Jenks, *Comprehensive Commentary*, Vol. V, p. 684, Notes on Revelation 5: 6. Philip Doddridge, *The Family Expositor*, Vol. VI, p. 405, Paraphrase of Revelation 5: 5.

Kristo ni iry'agaciro gakomeye cyane mu maso y'Imana, ku buryo kugeza na n'ubu akigaragazwa nk'uri mu gikorwa cyo kumena amaraso ye ku bw'ibicumuro by'umuntu.”¹⁸⁶

“Amahembe Arindwi n'Amaso Arindwi.”—Amahembe ni ikimenyetso cy'ububasha, noneho amaso agashushanya ubuhanga. Karindwi ni umubare werekana ikintu gishyitse cyangwa gitunganye. Bityo tukaba twigishwa hano ibyo gutungana k'ububasha no gutungana k'ubwenge bwa Ntama w'Imana.

“Araza Akura cya Gitabo mu Kuboko.”—Abasobanuzi babonye ibintu bidasanzwe muri iki gitekerezo kivuga yuko igitabo cyakuwe mu kuboko na Ntama w'Imana, maze banyura mu nzira nyinshi batekereza ko zagira umumaro mu kwirinda ingorane bashobora guhura na zo. Nyamara ni ihame rishinze imizi rivuga yuko hari ikintu gishobora gukorwa n'umuntu cyangwa ikiremwa gihagarariwe n'ishusho runaka, maze ngo icyo gikorwa cyitirirwe iyo shusho? Mbese ubu si bwo busobanuro uyu murongo ukeneye? Tuzi neza yuko Umwana w'Intama ari ishusho yerekana Kristo. Tuzi yuko kuba Kristo yarafashe igitabo nta kintu kidasanzwe kiri muri byo, kandi igihe dusomye ko igitabo cyafashwe, dutekereza ku gikorwa, kitakozwe n'umwana w'intama ubwawo, ahubwo ni igikorwa cyakozwe n'uwo uwo mwana w'intama ashushanya.

UMURONGO WA 8 Amaze kwenda icyo gitabo, bya bizima bine na ba bakuru makumyabiri na bane bikubita imbere y'Umwana w'Intama, bafite inanga n'inzabya z'izahabu zuzuye imibavu, ari yo mashengesho y'abera. 9 Nuko baririmba indirimbo nshya bati “Ni wowe ukwiriye kwenda igitabo no kumena ibimenyetso bigifatanije, kuko watambwe ugacungurira Imana abo mu miryango yose no mu ndimi zose, no mu moko yose no mu mahanga yose ubacunguje amaraso yawe, 10 ukabahindurira Imana yacu kuba abami n'abatambyi, kandi bazima mu isi.”

Inzabya zuzuye imibavu.—Duhereye kuri aya magambo, twunguka igitekerezo ku byerekeye uku gukoreshwa kw'aba bacunguwe bahagarariwe n'ibizima bine n'abakuru makumyabiri na bane. Bafite inzabya ndwi z'izahabu, cyangwa se ibikombe byuzuye imibavu—cyangwa na none, nk'uko amagambo y'ubusobanuro akoresha ijambo umubavu—bisobanuye amasengesho y'abera. Uyu ni umurimo w'abagabura nk'uko warebaga abatambyi.

Umusomyi azibuka yuko mu murimo wo mu buturo bwera bwa kera wari igicucu cy'ibizaza. Umutambyi mukuru yabaga afite abafasha benshi. Iyo tuzirikanye ko ubu turi kureba mu buturo bwo mu ijuru, umwanzuro uhita ukurikiraho ni uko aba bacunguwe ari abafasha b'Umutambyi Mukuru ukomeye wo mu ijuru. Kubera iyi mpamvu, nta gushidikanya bari baracunguwe. Mbese ni kindi ki cyari kuba gikwiriye kitari uko Umwami wacu mu murimo we w'ubutambyi akorera inyoko muntu yagombaga gufashwa n'abantu b'imfura bakomoka muri bene muntu, bafite imibereho

¹⁸⁶ Adam Clarke, *Commentary on New Testament*, Vol. II, p. 991, note on Revelation 5: 6.

yejeje, no gutungana kw'imico, bikaba byaratumye baba abantu bakwiriye kuzamurwa ngo basohoze iby'iyi nshingano? (Reba amagambo y'ubusobanuro bwo mu Byahishuwe 4: 4).

Tuzi neza yuko hari benshi bashyigikira imyumvire ishyigikira igitekerezo cy'uko mu ijuru hari ikintu nyakuri kandi gifatika. Nyamara nubwo Ibyahishuwe bivuga ku buryo burambuye bukoresha imvugoshusho, ntabwo bivuga ibintu by'ibihimbano. Hari ukuri mu bintu byose byerekanwa, kandi duhabwa gusobanukirwa n'iby'ukuri iyo tubashije gushyikira ubusobanuro bw'imvugoshusho. Bityo rero, muri iri yerekwa tuzi yuko Uwicaye kuri ya ntebe ari Imana. Mu by'ukuri koko irahari. Tuzi ko Umwana w'intama ashushanya Kristo. Na We kandi mu by'ukuri ariyo. Yazamukanye n'abantu benshi bafatika, kandi se ubu ni nde ukivuga ko atabasha kugira icyo asobanukirwa muri ibi?

Niba rero Umutambyi wacu Mukuru ari ikinyabuzima gifatika, agomba kuba afite ahanu hafatika akorera umurimo. Niba ibizima bine n'abakuru makumyabirai na bane berekana abantu Kristo yajyanye nk'iminyago anyaze urupfu igihe yari azutse akava mu bapfuye kandi akazamuka mu ijuru, kuki bo bataba ibinyabuzima bifatika aho bari mu ijuru nk'uko bari bameze igihe bazamukaga bajya mu ijuru?

Indirimbo.—Yitwa “indirimo nshya”, birashoboka ko ari nshya bitewe n'igihe yaririmwemo ndetse n'uburyo ihimbwemo. Nibo bari aba mbere mu kuyiririmba, kubera ko ari bo ba mbere bari bacunguwe. Biyita “abami n'abatambyi.” Uburyo bitwamo abatambyi bwarangije kuvugwa ahabanza. Bafasha Kristo mu murimo we w'ubutambyi. Mu buryo bumwe n'ubwo, nta gushidikanya na none ni abami, kubera ko Kristo yahawe icyicaro hamwe na Se ku ntebe y'ubwami, kandi nta gushidikanya, aba bakora nk'abakozi be bagira aho bahurira n'ubutegetsu bw'ijuru ku byerekeranye n'isano iri hagati y'ijuru n'isi.

Igitgerejwe.—“Kandi tuzima mu isi.” Noneho ubwo bari bacunguwe kandi bakaba bari bazengurutse intebe ya cyami y'Imana n'Umwana w'Intama, aho ubwiza butagajuka, indirimo yabo irangamiye urwego rurushijeho kuba urwo hejuru, igihe umurimo wo gucungurwa uzaba usohojwe rwose, maze na bo hamwe n'umuryango wose w'Imana w'abacunguwe, bime mu isi, umurage basezeraniye, kandi ikaba ubuturo bw'abera. (Abaroma 4:13; Abagalatiya 3:29; Zaburi 37: 11; Matayo 5: 5; 2 Petero 3: 13; Yesaya 65: 17- 25; Ibyahishuwe 21: 1- 5).

UMURONGO WA 11 Ndareba numva ijwi ry'abamarayika benshi bagose ya ntebe na bya bizima na ba bakuru, umubare wabo wari inzovu incuro inzovu n'uduhumbi n'agahumbagiza. 12 Bavuga ijwi riranga bati “Umwana w'Intama watambwe ni we ukwiriye guhabwa ubutware, n'ubutunzi n'ubwenge n'imbaraga, no guhimbazwa n'icyubahiro n'ishimwe!”

Ubuturo Bwo mu Ijuru.—Mbega ukuntu imyumvire yacu ari migufi ku biyanye n'ubunini n'ubwiza bw'urusengero rwo mu ijuru! Mu ntangiriro

z'igice cya 4 cy'igitabo cy'Ibyahishuwe, Yohana yagejejwe imbere y'urwo rusengero, iruhande rw'umuryango warwo wari ukinguwe mu ijuru. Muri urwo rusengero kandi, ni rwo yakomeje kwitegerezamo mu Byahishuwe 5: 11, 12. Noneho abonamo ingabo zo mu ijuru. Ahazengurutse intebe y'ubwami hari hari abahagarariwe n'ibizima bine. Hakurikiraho abakuru makumyabiri na bane. Nyuma yaho Yohana abona abamarayika bo mu ijuru benshi bazengurutse abo bandi. Mbese bari bangahe? Mbese dutekereza ko urusengero rwo mu ijuru rwakwakira abantu bangana iki? Uwahishurirwaga yavuze atangaye ko bari "inzovu incuro inzovu!" Ufashe iyi mibare ubwayo ingana na miliyoni ijana! Nuko, mbese nk'aho iyi mvugo yaba itagira umubare ukwiriye uzwi wasobanura iryo teraniro rinini, yongeyeho ko ari "uduhumbi n'agahumbagiza!" Umwanditsi w'igitabo cy'Abaheburayo abivuga neza ko ari "iteraniro ry'abamarayika umuntu atabasha kubara." (Abaheburayo 12: 22). Aba bari bari mu buturo bwo mu ijuru.

Iryo ni ryo teraniro Yohana yabonye riteraniye ahabera amateraniro yo kuramya mu ijuru, ndetse akaba ari na ho inama y'agahozo yo gucungura abantu ikomereje umurimo kugeza ubwo uzaba ugeze ku iherezo. Umuntu wari izingiro nyamukuru ry'iri teraniro rinini ryera kandi rigizwe n'abatagira ingano, yari Umwana w'Intama w'Imana, kandi igikorwa nyamukuru cyo mu mibereho ye cyatumaga atangirirwa, ni uko yamennye amaraso ye kubw'agakiza k'umuntu wacumuye. Buri jwi rya buri wese wari muri izo ngabo zo mu ijuru ryafatanyije n'abandi gushyira hejuru ubu buhamya ngo "Umwana w'Intama watambwe ni we ukwiriye guhabwa ubutware, n'ubutunzi n'ubwenge n'imbaraga, no guhimbazwa n'icyubahiro n'ishimwe!" Mbega ukuntu byaba ari byiza kwemererwa guteranira aho hantu! Mbega indirimbo ibereye kuririmbirwa uwamennye amaraso kugira ngo ahinduke inshungu ya benshi, kandi nk'umutambyi wacu mukuru mu buturo bwo mu ijuru akaba akidusabira ku bw'ibyo yakoze n'igitambo yatanze ku bwacu. Hano, imbere y'iteraniro rinejeje, ni ho imibereho twagize izagaragarizwa ngo isuzumwe ubuheruka. Mbese ni iki kizaduhesha gusangwa dushyitse muri iryo genzura riteye ubwoba? Ni iki kizadushoboza guhaguruka tugahagarara tudatsinzwe turi kumwe n'iryo teraniro rizira inenge mu ijuru? Mbega amaraso ya Kristo y'igiciro kitagira akagero, ashobora kutwezaho guhumana kwacu kose, kandi akadushoboza gutambagira ku musozi wera wa Siyoni! Mbega ubuntu bw'Imana butarondoreka bushobora kudutegurira kuzashobora kuba mu bwiza, kandu bukaduha ubushizi bw'amanga bwo gutinyuka kugera imbere ye, ndetse dufite umunezero utarondoreka!

UMURONGO WA 13 Nuko numva ibyaremwe byose byo mu ijuru no mu isi, n'ikuzimu no mu Nyanja n'ibibirimo byose bivuga biti "Ishimwe no guhimbazwa n'icyubahiro n'ubutware biba iby'Iyicaye ku ntebe n'iby'Umwana w'Intama iteka ryose." 14 Nuko bya bizima bine birikiriza biti "Amen!" Ba bakuru bikubita hasi baramya *Ihoraho iteka ryose!*

Ijuru Rikenkemuye.—Mu murongo wa 13 tubahona amagambo yinjijwemo atari mu cyerekezo cy'urukurikirane rw'urutonde rw'ibyavugwaga hagamijwe gukurikirana interuro cyangwa amarenga yavuzwe mbere bakurikije imirangirire y'urwo rutonde. Ibi biboneka inshuro nyinshi muri Bibiliya. Muri uru rugero, hategerejwe igihe ubwo umurimo wo gucungurwa uzaba urangiye. Mu murongo wa 10 ibizima bine n'abakuru makumyabiri na bane bari bavuze bati: "Tuzima ku isi." Noncho ibitekerezo by'umuhanuzi byerekezwa kuri icyo gihe. Yarebye ku gihe umubare w'abacunguwe uzaba umaze kwemezwa, ijuru n'isi bigatandukanywa n'icyaha n'abanyabyaha, maze indirimbo ihuriweho n'ijuru n'isi yo guhimbaza ikazamurwa yerekeye ku Mana no ku Mwana w'Intama.

Ntacyo bimaze guhuza ibingibi n'itorero uko rimeze muri iki gihe, cyangwa kubihuza na ryo mu bihe byahise uherye igihe icyaha cyinjiraga mu isi, cyangwa se ndetse uherye igihe Satani yagwaga akava mu mwanya we wo mu ijuru nka marayika w'umucyo n'urukundo mu ijuru. Kubera yuko mu gihe Yohana yavugaga, buri kiremwa cyose cyo mu ijuru ndetse no ku isi nta na kimwe kivuyemo cyazamuraga hejuru indirimbo yo guhimbaza Imana. Ariko tuvuze gusa iby'iyi si guhera igihe yagwaga, aho guhimbaza Imana, abenshi cyane mu bantu bo mu bwoko bwacu bw'abahakanyi barayivumaga ndetse bakavuma n'intebe yayo y'ubwami. Kandi uko ni ko bizakomeza kumera igihe cyose icyaha kicyimitswe.

Nuko rero, nta mwanya tubona twashyiramo ibyo Yohana avuga aha ngaha keretse gusa dukabuje tukajya mbere tukageza igihe inama y'agakiza izaba irangiye, maze abera bakima ubwami basezeranijwe kuri iyi si.

Uguhimbazwa kuri mu ndirimbo yo kuramya kwerekezwa ku Mwana w'Intama no ku Mana Data yicaye kuri ya ntebe y'ubwami. "Ishimwe no guhimbazwa n'icyubahiro n'ubutware bibe iby'Iyicaye ku ntebe n'iby'Umwana w'Intama iteka ryose." Ibyahishuwe 5: 13

Umuhanuzi yaretse gato iby'ubwiza dutegereje buboneka mu murongo wa 13 maze yerekeza amaso ku byarimo bibera mu buturo bwo mu ijuru imbere ye, yumva ibizima bine bivuga bitangaye biti: "Amen."

IGICE CYA 6

KUMENA

IBIMENYETSO

BIFATANIJE IGITABO

CY'UBUHANUZI

IBYAHISHUWE 6

UMURONGO WA 1 Nuko mbona Umwana w'Intama amena kimwe muri ibyo bimenyetso birindwi bifatanije cya gitabo, numva kimwe muri bya bizima bine kivuga ijwi nk'iry'inkuba kiti "Ngwino." 2 Ngiye kubona mbona ifarashi y'umweru, kandi uyicayeho yari afite umuheto ahabwa ikamba, nuko agenda anesha kandi ngo ahore anesha.

Umwana w'Intama afata igitabo, maze akomerezaho n'umurimo wo kumena ibimenyetso. Ubwenge bw'intumwa bwakanguriwe kwita ku bintu byabagaho uko buri kimenyetso cyabaga kimenwe. Mu Byanditswe Byera, umubare karindwi warangije kwerekanwa nk'umubare werekana igishyitse cyangwa igitunganye. Ibimenyetso birindwi byerekana ibihe mu by'imyitwarire yo mu by'iyobokamana, kandi bikaba bibumbatiye amateka y'itorero uherye mu itangira ry'igihe cy'ubukristo ukageza ku kugaruka kwa Kristo. Igihe ibimenyetso byamenwaga, maze umuzingo ukajya ahagaragara, hari ibintu byajyaga kubaho byanyuzwaga imbere ya Yohana, atari ugusoma uko bisobanurwa gusa, ahubwo ari no kugaragarizwa uko ibyerekanwe mu gitabo bizasohozwa n'abazaba bariho, ndetse n'ahantu ibyo bintu byajyaga kubera, by'umwihariko ku isi.

Ikimenyetso cya Mbere.—Ikimenyetso cya mbere yari ifarashi y'umweru, uwo yari ihetse yari afite umuheto. Yahawe ikamba nuko akomeza kugenda anesha, kandi uko kunesha ni ikimenyetso nyacyo cyerekana ugutsinda k'ubutumwa bwiza bwabwirijwe mu kinyejana cya mbere cy'igihe ubukristo bwari butangiye kubaho. Kuba ifarashi yari umweru byerekana ubutungane bwo kwizera ko muri icyo gihe. Ikamba

ryahawe uwari wicaye ku ifarashi, no kuba yaragendaga anesha kandi agakomeza kunesha, bisobanura ishyaka no gutsinda ukuri gushya kwatangiranye gushorewe n'abagabura ba mbere. Mbese ni ayahe mashusho yandi yari kwerekana neza umurimo w'ubukristo igihe bwari buhagurutse mu ihame ryo kugaba ibitero ku rusobe rw'ibinyoma bikomeye ryagombaga guhangana na byo. Uwari wicaye kuri iyi farashi yakomezaga kugenda—mbese yajyaga he? Umurimo we ntabwo wari ufite imbibi. Ubutumwa bwiza bwari bugenewe abatuye isi bose.

UMURONGO WA 3 Umwana w'Intama amenye ikimenyetso cya kabiri, numva ikizima cya kabiri kivuga kiti "Ngwino." 4 Nuko haza indi farashi itukura cyane, uyicayeho ahabwa gukura amahoro mu isi ngo bicane, kandi ahabwa inkota ndende.

Ikimenyetso cya Kabiri.—Ahari ikintu cya mbere gihita kigaragara muri aya mashusho ni uguhabana kw'amabara y'amafarashi. Nta gushidikanya ibi bifite icyo bisobanuye. Niba umweru w'ifarashi ya mbere werekana kwera k'ubutumwa bwiza bwabwirijwe mu gihe iyo shusho yabereyemo; ugutukura kw'ifarashi ya kabiri na ko kwasobanura ko muri icyo gihe ukwera k'umwimerere kwatangiye guhumanywa. Amayoberane y'ubugome yari yatangiye gukora mu gihe cya Pawulo, kandi itorero ryavugaga ko ari irya Kristo ryari rimaze kwangizwa n'icyo gihe bari barimo ku buryo byasabaga ko ibara ry'ikimenyetso rihinduka. Ibinyoma byatangiye guhaguruka. Imibereho y'ab'isi itangira kwinjira. Ubuyobozi mu by'iyobokamana butangira kwifatanya n'ubutegetsu busanzwe. Ibibazo n'imidugararo bikurikiraho.

Igihe umunyamateka yavugaga ku bijyanye n'igihe cy'ubukristo gihera mu mwaka wa 100 N.K. ukageza mu mwaka wa 311 N.K., yaranditse ati:

"Noneho tuvuye mu gihe cy'itorero rya mbere ry'intumwa, tugeze mu gihe cy'Abagiriki n'Abaroma; kuva mu bihe byo guhanga umurimo ukagera mu gihe cyo kuwukomeza. Kuva ku iriba ryo guhishurirwa n'Imana ukagera ku migezi y'iterambere rya muntu. Kuva ku guhumekerwa n'Imana kw'intumwa n'abahanuzi ukagera ku bihangano by'abigisha b'abahanga ariko bashobora kwibeshya. Ikiganza cy'Imana cyari cyaraciye umurongo ugaragara cyane wo gutandukanya ikinyejana cy'ibitangaza n'ibihe byakurikiyeho kugira ngo yerekane impinduka zitunguranye n'itandukaniro rikomeye, itandukaniro hagati y'umurimo w'Imana n'umurimo w'umuntu."¹⁸⁷ Igihe cya kabiri, uhereye ku rupfu rw'intumwa Yohana ukageza ku iherezwa ry'igihe cy'akarengane, cyangwa kugeza ku butegetsu bwa Konstantine, (umwami wa mbere wabaye umukristo), ni igihe cy'amateka kizwiho ko ... abapagani barenganiye abakristo, ndetse abakristo bakicwa bazira kwizera kwabo n'ubutwari bwabo. ... Icyo gihe kitwereka ubusobanuro bukomeza bw'amagambo yavuzwe n'Umukiza ngo 'Dore

187 Philip Schaff, *History of the Christian Church*, Vol. II, p. 7.

mbatumye muri nk'intama hagati y'amasega aryana."¹⁸⁸ "Igihe cyabanjirije amasezerano y'i Niceni umuzi rusange kandi muri cyo ni mo Ubugatulika n'Ubuprotesitanti bwagwijemo imbaraga, Ubugatulika [ni Abagiriki n'Abaroma] ni bwo bwabanje, hanyuma hakurikiraho Ubuprotestanti. Ni inzibacyuho ihera ku gihe cy'intumwa ikageza ku gihe cy'amasezerano y'i Nice, nyamara hirengagijwe ukuri kw'ingenzi kwari kwarashyizwe ahagaragara n'Ubuporotesitanti (by'umwihariko inyigisho Pawulo yigishije), ari ko kuri kwagombaga gushingirwaho ndetse kugasesengurwa mu bihe byajyaga gukurikiraho. Dushobora gukurikirana tukagusanga mu ndangakwemera gatulika, imiterere n'ubuyobozi bw'iri torero n'imisengere yaryo, ndetse no hafi mu migera yose yateye kwangirika k'ubukristo bw'Abagiriki n'Abaroma."¹⁸⁹

Ahari umwuka waranze abantu bo muri kiriya gihe, wageze ku rugero rwo hejuru cyane mu gihe cya Konstantine, umwami w'ingirwamukristo wa mbere, wahindukiriye Ubukristo mu mwaka wa 323 N.K., bikazana ubugambanyi hagati y'itorero n'ubwami bw'Abaroma. Itegekoteka ry'i Milan ryatanze mu mwaka wa 313 N.K., rivugwa yuko ari ryo ryatumye Abakristo boroherezwa, bityo abantu benshi bagahindukirira ubukristo. Kenneth S. Latourette avuga yuko ibikorwa byabanjirije ndetse bikaba ari na byo byagejeje abantu ku itegekoteka ry'i Milan mu mwaka wa 313 "bikiri bimwe mu by'ingenzi gusumba ibindi byose mu byari byubatswe urufatiro rw'inzira itorero ndetse na Leta byanyuzemo ikaza kubageza ku bufatanye."¹⁹⁰

Umuhanga wo muri iki gihe mu byerekeranye n'amateka y'itorero yongeye kuvuga ati:

"Binyuze mu gushinga itorero, Ubukristo bwashyizeho ikigo gisa n'aho ku rwego runaka ari umwanzi wa Leta. Ryaremye mu bwami umuryango abantu benshi bemeye, maze uhungabanya imibereho y'ubwami. Amakimbirane yigaragaje cyane mu kinyejana cyangwa se mbere y'ikinyejana cyabanjirije ubutegetsi bwa Konstantine. ... Igihe Konstantine yari amaze kugirana amasezerano y'amahoro no kwizera, hashize igihe bisa n'aho amakimbirane yakemuwe n'uko ubutegetsi bwa Leta bwagenzuraga itorero. Nyamara no mu gihe byasaga n'aho itorero ryungiririje Leta mu kuyobora, abayobozi mu by'idini bashatse kugira uruhare mu miyoborere y'ubutegetsi bwa Leta."¹⁹¹

Uko ibintu byari bimeze muri icyo gihe gutanga igisubizo ku magambo umuhanuzi yavuze ko uwari wicaye ku ifarashi yahawe ububasha bwo "gukura amahoro mu isi, ngo abantu bicane: ndetse agahabwa inkota ndende."

¹⁸⁸ *Ibid.* p. 8.

¹⁸⁹ *Ibid.* p. 9

¹⁹⁰ Kenneth Scott Latourette, *A History of the Expansion of Christianity*, Vol. I, The First Five Centuries, p. 159.

¹⁹¹ *Ibid.*, p. 273.

UMURONGO WA 5 Umwana w'Intama amennye ikimenyetso cya gatatu, numva ikizima cya gatatu kivuga kiti "Ngwino." Nuko ngiye kubona mbona ifarashi y'umukara, kandi uyicayeho yari afite urugero rw'indatira mu intoki ze. 6 Numva hagati y'ibyo bizima bine igisa n'ijwi rivuga riti "Urugero rumwe rw'ingano rugurwe idenariyo imwe, n'ingero eshatu za sayiri zigurwe idenariyo imwe, naho amavuta na vino ntugire icyo ubitwara."

Ikimenyetso cya Gatatu.—Mbega ukuntu umurimo wo kwangirika wagize amajyambere yihuse! Mbega ubuhabane buri hagati y'ibara ry'iki kimenyetso n'ibara ry'ikimenyetso cya mbere: ifarashi y'umukara ni igihabane gikomeye cy'ifarashi y'umweru! Igihe cy'umwijima ukomeye no kwangirika kw'imico mbonera mu itorero kigomba kwerekanwa n'iki kimenyetso. Ibyabaye ku kimenyetso cya kabiri byaharuye inzira kugira ngo ibyo tubona ubu [muri iki kimenyetso cya gatatu] bibashe kugerwaho. Igihe cyahise hagati y'ubutegetsu bwa Konstantine no gukomera k'ubupapa mu mwaka wa 538, gishobora gutahurwa kubera ko igihe ibinyoma birushijeho kuba bibi n'ubupfumu bukomereye byagwiriyemo mu itorero kigaragara. Ku bijyanye n'igihe cyakurikiye ubutegetsu bwa Konstantine, Mosheim aravugaga ati:

"Ibyo bihimbano bitagira umumaro byari bifitanye isano n'inyigisho za gihanga z'umucurabwenge witwaga Plato ndetse n'imitekerereze yari ikunzwe n'abantu, bikaba byari bishishikajwe umugabane munini w'abahanga mu by'ubukristo kugira ngo babigire umugabane w'inyigisho zabo mbere y'igihe cya Konstantine, byarashimangiye, birakwirakwizwa, ndetse byongerwamo imirimbo mu buryo butandukanye. Uhereye muri icyo gihe, hadutse uburyo bwo kugaragariza icyubahiro abatagatifu bapfuye, ndetse na za nyigisho z'urujijo zerekanywe n'umuriro ugenewe kweza ubugingo bw'abapfuye zamaze kugwiza imbaraga muri kino gihe, kandi zikaba zifite ibimenyetso ahantu aho ari ho hose hagati muri rubanda. Bityo no kudashaka kw'abapadiri, kuramya ibishushanyo n'ibyaremwe byagiye birimbura hafi rwose idini ya Gikristo, cyangwa ku iherezwa bikazimanganya ubwiza bwayo, ndetse bikangiza impamvu zo kubaho kwaryo mu buryo bubabaje cyane. Urutonde rurerure rw'ibihimbano by'ubupfumu byagiye bisimbura buhoro buhoro iyobokamana nyakuri no kubaha Imana k'ukuri. Iyi mpinduramatwara mbi yabayeho biturutse ku mpamvu zitandukanye. Guhubukira kwakira ibitekerezo bishya mu buryo burimo ubujiji, icyifuzo gipfuye cyo kwigana imihango ya gipagani, maze bakayihuriza hamwe no kuramya kwa gikristo, ndetse na kwa guhengama kw'inyokomuntu ihengamiye ku iyobokamana rishashagirana kandi rikurura abantu; ibyo byose byahuriye hamwe birema ubupfumu bwaje gusenya ubukristo."¹⁹²

Na none yarongeye aravugaga ati: "Byasaba igitabo cyose umuntu akacyuzuzwa urutonde rw'uburiganya butandukanye abantu b'inshakura bakoze ndetse bakagera ku ntego zabo, kugira ngo bayobye injiji igihe

192 *Ibid.*, p. 273.

iyobokamana ry'ukuri ryendaga gusa n'irisimbuwe burundu n'ubupfumu buteye ubwoba."¹⁹³

Amagambo yavuzwe na Moshein akubiyemo ubusobanuro ku byerekeranye n'ibyaranze igihe gihagarariwe n'ifarashi y'umukara yaje nyuma yo kumena ikimenyetso cya gatatu kandi ni igisubizo gikwiriye ku buhanuzi. Ibi byerekana uburyo ubupagani bwivanze n'ubukristo, n'uburyo muri icyo gihe urusobe rw'ibinyoma rwagejeje abantu ku gushinga imizi k'ubupapa, na bwo ntibutinde gushyiraho imirongo yabwo ngenderwaho, hanyuma bukaza kugera ku kwegeranya mu buryo bwuzuye imbaraga zabwo mbi zose no kugera ku gukura kwabwo gushyitse.

Ibipimisho.—"Ibipimisho [cyangwa iminzani] byerekana ko iryo yobokamana n'ubutegetsu bwa Leta byari gufatanyaga binyuze mu muntu wari kuba afite ububasha nyubahirizategeko mu butegetsu, kandi ko yari kuvugaga ko afite ubutware ku bucuhanza bwaba ubwo mu itorero cyangwa ubwa Leta. Ibi byabaye ukuri mu bami b'Abaroma uhariye mu gihe cya Konstantine ukageza mu gihe cy'ubutegetsu bwa Yustiniani, igihe yeguriraga umuyobozi w'itorero ry'i Roma ububasha bwo guca imanza."¹⁹⁴

Ingano na Sayiri.—"Ibipimisho by'ingano na sayiri bigurwa idenariyo imwe byerekana ko abo mu itorero bari kwijandikaga cyane mu by'ubutunzi bw'iyi si, kandi gukunda amafaranga bikaba byari kuba umwuka wiganje mu bantu bo muri icyo gihe, kubera ko bajyaga gutanga icyo bashoboye cyose kugira ngo babone amafaranga."¹⁹⁵

Amavuta na Vino.—"Ibi byerekana impano za Mwuka, kwizera n'urukundo; kandi habayeho akaga gakomeye ko kwangiza ibi bintu biturutse ku mbaraga z'umwuka wo gukunda iby'isi cyane. Kandi ibi bihamywa neza n'abanditsi b'amateka bavugaga ko kugubwa neza kw'itorero muri icyo gihe kwatumye habaho kwangirika mu itorero kwaje kurigeza ku kugwa, no gushyiraho ibizira birwanya Kristo."¹⁹⁶

Ijwi ryemeza ubwinshi bw'ingano zigomba kugurwa idenariyo imwe, kandi rikavugaga riti "amavuta na vino ntugire icyo ubitwara" bizagaragara ko ritavugwaga n'umuntu wo ku isi, ahubwo rivugiraga hagati y'ibizima bine, bisobanuye ko nubwo ingirwabashumba, abiyitaga abagabura b'ibya Kristo, batari bitaye ku mukumbi, nyamara Umwami Imana we ntiyari yawibagiye muri icyo gihe cy'umwijima. Ijwi rivugiraga mu ijuru. Yitaye cyane ku kuntu umwuka w'iby'isi utakwiganza cyane kugeza ubwo Ubukristo buzimira burundu, cyangwa se ngo amavuta na vino (bisobanuye ubuntu bwo kubaha Imana nyakuri) bizimire mu isi.

UMURONGO WA 7 Umwana w'Intama amenye ikimenyetso cya kane, numva ijwi ry'ikizima cya kane kivugaga kiti "Ngwino." 8 Nuko, ngiye

¹⁹³ John L. Mosheim, *An Ecclesiastical History*, Vol. I, pp. 364, 365.

¹⁹⁴ William Miller, *Evidence from Scripture and History of the Second Coming of Christ*, p. 176.

¹⁹⁵ *Ibid.*, p. 368

¹⁹⁶ *Ibid.*,

kubona mbona ifarashi y'igitare igajutse, kandi uyicayeho yitwa Rupfu, kandi Kuzimu aramukurikira. Nuko bahabwa ubutware bwa kimwe cya kane cy'isi, ngo babicishe inkota n'inzara n'urupfu, n'ibikoko byo mu isi.

Ikimenyetso cya Kane.—Ibara ry'iyi farashi riragaragara cyane. Ijambo ry'umwimerere rivuga ko yasaga n'ibara ry'umuhondo ugajutse" wa wundi uboneka mu bimera byarabiranye cyangwa byahuye n'uburwayi. Ikintu cy'inzaduka kibonetse mu bavuga ko ari ab'itorero kigomba kwerekanwa n'iki kimenyetso. Uwari uhetswe n'iyi farashi yitwaga Rupfu, kandi Kuzimu (cyangwa "hades" bisobanura igituro) aza amukurikiye. Urupfu rwari rugwiriye muri kiriya gihe ku buryo byajyaga gusa n'aho "ari amahanga agajutse nk'ibara ry'uwapfuye" yazamutse akaza ku isi, maze akaba akurikiye ubwo bubasha kirimbuzi. Igihe iki kimenyetso cyerelejeho ntigishobora kwibeshywaho. Kigomba kuba kirengurira ku gihe ubupapa bwamaze bushyira mu bikorwa itegeko ry'akarengane katamaganwaga cyangwa ngo gakumirwe, uherye mu mwaka wa 538 N.K., ukagenda ukagera mu gihe abagorozi bari batangiye umurimo wabo wo gushyira ahagaragara amakosa yakorwaga n'ubutegetsu bw'ubupapa.

"Bahabwa Ubutware"—Ni ukuvuga ububasha bwagaragazwaga n'ishusho ya Rupfu wari wicaye ku ifarashi igajutse. By'umwihariko ni ubutegetsu bw'ubupapa. Nta gushidikanya kimwe cya kane cy'isi gisobanura ahantu ubu bubasha bwategekeshaga ububasha bwabwo; kandi amagambo ngo "inkota," "inzara," "urupfu" (ni ukuvuga bimwe mu bihano byashoboraga kwica abantu, nko kubateza ababisha babo cyangwa kubica urubozo), ndetse n'inyamaswa zo mu isi, na zo ni imvugoshusho zerekana uburyo bwakoreshejwe mu kwica miliyoni nyinshi z'abantu bahowe kwizera kwabo.

UMURONGO WA 9 Umwana w'Intama amenye ikimenyetso cya gatanu, mbona muni y'igicaniro imyuka y'abishwe bahowe ijamba ry'Imana n'ubuhamya bahamya. 10 Batakana ijwi riranga bati "Ayii Mwami wera w'ukuri! Uzageza he kudaca amateka no kudahōra abari mu isi, uhōrere amaraso yacu?" 11 Umuntu wese muri bo ahabwa igishura cyera, babwirwa kumara n'ikindi gihe gito baruhuka, kugeza aho umubare w'imbata bagenzi babo na bene Se bagiye kwicwa nka bo uzuzurira.

Ikimenyetso cya Gatanu.—Ikimenyetso cya gatanu kimenwe, abahowe Imana batatse bifuza guhorerwa, maze bahabwa ibishura byera. Ibibazo bihita bikenera ibisubizo ni ibi: mbese iki kimenyetso gifite igihe cyabereyemo, kandi niba ari byo ni ryari? Mbese igicaniro batakira muni kiri hehe? Mbese iyi myuka ni iyihe, kandi ibayeho ite? Mbese gusaba guhorerwa kwayo bisobanuye iki? Mbese guhabwa ibishura byera bisobanuye iki? Mbese ni ryari baruhuka igihe gito, kandi bisobanuye iki kuba bene se bazicwa nka bo? Twizera yuko ibi bibazo bishobora kubonerwa ibisubizo binyuze umutima.

Bisa n'aho nta guhindagurika guhari, iki kimenyetso na cyo gikwiriye kuba kimara igihe runaka nk'uko bimeze ku bindi, kandi igihe gitangirira

kikaba kidashobora kwibeshywaho niba ibindi byakibanjirije byarashyizwe neza mu bihe byabyo. Kuba gikurikira igihe ubupapa bwamaze burenganya, igihe cy'iki kimenyetso cyaba gitangira igihe ubugorozi bwari butangiye gushyira ahagaragara ibihimbano by'ubupapa, no kubangamira ububasha burenganya bw'itorero Gatulika ry'i Roma.

Igicaniro.—Iki ntigishobora kwerekana igicaniro cyo mu ijuru, kubera ko bigaragara ahantu ibi bitambo byatambiwe—ahari igicaniro cy'ibitambo. Kuri iyi ngingo Adam Clarke aravugaga ati: "Iyerekwa ry'ikigereranyo ryashyizwe ahagaragara, iryo Yohana yabonyemo igicaniro; kandi muni yacyo imyuka y'abahowe ijamba ry'Imana (ni ukuvuga abishwe kubwo kuba isanga n'ingoyi ku bukristo) bongera kugaragazwa ubu nk'aho bari kongera kwicwa bundi bushya nk'ibitambo byishywe n'abaramya ibishushanyo n'abizera iby'ubupfumu. *Igicaniro kiri ku isi, ntabwo kiri mu ijuru.*"¹⁹⁷ Igihamba cy'imyumvire imeze itya kiboneka mu kuba Yohana yararebaga ibyo byabaga nk'ibibera ku isi. Imyuka yerekanwa ko iri muni y'igicaniro, mbese nk'uko ibitambo byatambiwe kuri cyo byamenaga amaraso muni yabyo, ndetse akanashokera mu mpande zacyo.

Imyuka Munsu y'Igicaniro.—Iyi shusho itekerezwa na benshi ko ari igihamba gikomeye cy'inyigisho ivuga ko imyuka ishobora kubaho itandukanijwe n'imibiri, no gukomeza gutekereza [kugira icyo bamenya] kw'abapfuye. Hano abantu bajya impaka bavuga yuko imyuka Yohana yabonye itari iri kumwe n'imibiri nyamara ngo ikaba yarabashaga gutekereza ndetse ikagira ubwenge bwo kumenya ibyari biri kuba, kuko yatabaje ishaka ko abanzi babo bahorwa. Iyi myumvire ntishobora kwemerwa kubera impamvu zikurikira:

Imyumvire ya benshi ivuga ko imyuka iri mu ijuru, nyamara igicaniro yatambweho kiri mu isi, kandi muni yacyo ni ho yabonywe, kandi aho ntihashobora kuba mu ijuru. Igicaniro rukumbi dusoma ko kiba mu ijuru ni igicaniro cy'imibavu, ariko ntibyaba ari ukuri kwerekana ibitambo byatambwe nk'ibiri muni y'igicaniro cy'imibavu, kubera yuko icyo gicaniro kitagenewe uwo murimo.

Byaba ari ibintu bibi ku mitekerereze yacu y'uburyo mu ijuru hameze turamutse tuvuye ko imyuka iri mu ijuru *ifungiraniwe* muni y'igicaniro.

Mbese dushobora kwibwira yuko igitekerezo cyo guhora cyaba kiganje mu bitekerezo by'inyuka iri mu ijuru ku buryo baba batanyuzwe kandi badatuje, nubwo hari umunezero ndetse n'ubwiza butarondoreka, ngo keretse babanje bagahorerwa ku banzi babo? Mbese ibiri amambu ntibakagombye kuba bishimiye ko akarengane kababanguriye ukuboko kabihutishije gatyo none bakaba bibereye imbere y'Umucunguzi ufite mu kuboko kwe kw'iburyo umunezero n'ibyishimo by'iteka ryose?

Ariko na none, imyumvire ya benshi mu bashyira iyi myuka mu ijuru, bahita banashyira abanyabyaha mu nyanja yaka umuriro, bakaba

197 Adam Clarke, *Commentary on New Testament*, Vol. I, p. 994, note on Revelation 6: 9.

bahanganye no kubabazwa, kandi ibyo bikaba ingabo zo mu ijuru zibireba. Noneho imyuka tubona mu kimenyetso cya gatanu, ni ba bandi bari barishwe mu gihe cy'ikimenyetso kibanziriza iki, mu myaka myinshi yari ishize, kandi benshi muri bo bari barapfuye mu myaka amagana yari ishize. Ibirenze ikibazo kindi icyo ari cyo cyose, ababarenganyije na bo bari barapfuye batakibasha kugira icyo bakora, kandi ubwo turamutse dukurikije iyi myumvire na none, bari baratangiye mbere hose kubabarizwa muri gihenomu imbere y'amaso y'abo barenganyije.

Nyamara, mbese nk'aho ibi bitabanyuze, batakira Imana nk'aho iri gutinda kubahorera ku babishe. Mbese guhorerwa kurenze uko nguko bashaka kwaba ari ukuhe? Cyangwa se niba ababarenganyije bari bakiri ku isi, bagomba kumenya ko mu myaka itari myinshi bari gusanga abandi benshi bagenda bapfa buri munsu banyuze mu irembo ry'urupfu, bakajya mu isi y'umubabaro. Iyi mitekerereze nta n'ubwo yaba igaragaza ko bakunzwe. Ikintu kimwe nibura kiragaragara: ni uko iyi mitekerereze ya benshi ku byerekeranye n'uko abapfuye bamera, abakiranutsi, n'abanyabyaha idashobora kuba ukuri, cyangwa se ubusobanuro uyu murongo uhabwa ibihe byinshi ntabwo ari ukuri, kuko buvuguruzanya.

Nyamara bavuga ko iyi myuka igomba kuba itekereza, ngo kubera ko itakira Imana. Iki gitekerezo cyagira uburemere ahataba imvugoshusho yo gufata ikintu ukagiha ububasha nk'ubw'umuntu (ngo kivuge, cyangwa gifate ibyemezo nk'umuntu). Nyamara kuko iyo mvugoshusho ibaho, birashoboka mu buryo runaka kwitirira ibintu bidafite ubuzima ibikorwa, ubuzima n'ubwenge. Muri ubwo buryo, byavuzwe ko amaraso ya Abeli yatakiraga Imana ku butaka. (Itangiriro 4:9, 10). Ibuye ryatakiye ku nkike, kandi umurase w'umucyo wo mu gisenge cy'inzu urarisubiza. (Habakuki 2:11). Ibihembo byimwe abahinzi kubw'uburiganya byaratabaje, kandi urwo rusaku rwinjiye mu matwi y'Uwiteka (Yakobo 5: 4). Muri ubu buryo, imyuka tubona muri iyi mirongo yacu yashoboraga gutaka, kandi ibyo ntibisobanure ko ibasha gutekereza.

Biragaragara ko iyi myumvire ya benshi itari yo, kubera ko Albert Barnes abivuguruza mu magambo akurikira agira ati: "Ntidukwiriye kwibwira ko ibi bintu byabayeho nk'uko bivugwa, cyangwa se ko Yohana yabonye koko imyuka y'abahowe Imana munsu y'igicaniro—kubera yuko ibi byose ari imvugo z'ibimenyetso. Nta nubwo dukwiriye kwibwira yuko abakomerekejwe n'abahemukiwe koko bari mu ijuru basaba guhorerwa ku babagiriye nabi, cyangwa ko abacunguwe nibagera mu ijuru bazakomeza gusaba bagendeye ku bintu biboneka mu isi. Nyamara uhereye kuri ibi birashoboka gusobanura nk'ikintu cy'ukuri ko bazibuka ibibi abarenganyijwe, bakababazwa ndetse bagatotezwa bagiriwe, mbese nk'aho iryo sengesho ryaba riri gusengerwayo; ndetse ko abarenganyije abandi bagomba gutinya uguhora kw'Imana nk'aho abakomerekejwe baba bari

gutakira mu ijuru babwira Imana yumva amasengesho, kandi ikaba ari yo ihora inzigo.”¹⁹⁸

Ku mirongo nk'iyi, umusomyi ayobywa n'ubusobanuro bwa benshi bw'ijambo “*umwuka*.” Iyo agendeye kuri ubwo busobanuro, bituma yibwira yuko uyu murongo uvuga ku kintu kidafatika, kitaboneshwa amaso, gifite kudapfa kiri mu muntu, kizamuka mu rwego rwo hejuru kigatangira kwigenga uherye igihe uyu mubiri upfa washizemo umwuka. Nta hantu tubona iri jambo rikoresha mu mwimerere w'Igiheburayo cyangwa ikigiriki hashobora gushyigikira ubu busobanuro. Inshuro nyinshi risobanura “*ubugingo*” kandi ntabwo ari inshuro nyinshi risobanurwa nk' “umuntu.” Rishobora gukoreshwa bashaka kuvuga uwapfuye nk'uko ryakoreshwa bavuga umuzima, nk'uko bishobora kuboneka mu Itangiriro 2:7, aho ijambo “*buzima*” bitari ngombwa ko risobanura ubugingo nk'ikintu kidashobora gutandukanywa n'umwuka; kandi mu Kubara 19:13 ho amagambo yo mu Giheburayo avuga ngo ni “ubugingo bwapfuye.” Na none iyi myuka irasaba ngo *amaraso* yayo ahorerwe—ikintu ubugingo budafatika, nk'uko benshi babitekereza, budashobora kugira. Ijambo “imyuka” hano rikwiriye gufatwa nk'aho risobanura gusa abahowe Imana, abishwe, amagambo ngo “imyuka yabo” agasobanura umuntu uko yakabaye mu mpagarike ye. Beretswe Yohana nk'abiciwe ku gicaniro n'ubupapa bwabatambaga hano ku isi, maze bakarambarara munsu yacyo bapfuye. Ni iby'ukuri koko ko batari bazima igihe Yohana yababonaga mu gihe cy'ikimenyetso cya gatanu, kuko na none yongeraga kubavugira muri iryo tsinda, mu mvugo iya kumera nk'iyi ngiyi, maze akaduhamiriza yuko inshuro ya mbere babaho nyuma yo kugwa mu karengane, ari igihe cy'umuzuko w'abakiranutsi. (Ibyahishuwe 20:4-6). Igihe bari barambaraye ari intumbi zizize inyota yo kumena amaraso no gutoteza k'ubupapa, batakiye Uwiteka ngo abahorere, mu buryo busa n'ubwo amaraso ya Abeli yayitabajemo ari ku butaka.

Ibishura Byera.—Ibi bishura byatanze nk'umugabane umwe w'igisubizo cyo gutabaza kwabo ngo “Ayii Mwami ... uzageza he kudaca amateka, no kudahora abari mu isi, uhorera amaraso yacu?” Bari baramanutse bajya mu bituro mu buryo bukojeje isoni kurusha ubundi. Imibereho yabo yari yaragaragajwe nabi imbere y'abantu, uko bavugwaga neza n'abandi byarandujwe, amazina yabo azwi nabi, impamvu z'ibyo bakora zivugwaga nabi imbere ya rubanda, ndetse ibituro byabo byakojejwe isoni no gushinjwa ibinyoma, nk'aho bihishwemo umukungugu w'abantu b'insuzugurwa ndetse bari kurusha abandi bose. Muri ubwo buryo, itorero ry'i Roma ryari ryarahaye ishusho ryishakiye imitekerereze y'amahanga yari akomeye ku isi, ryakoresheje uburyo bwose bwo kubabaza abo bwicaga ku buryo bahinduka igitutsi imbere y'abantu bose.

Nyamara Ubugorizi bw'Abaprotestanti bwatangiye umurimo wabwo. Byatangiye kugaragara ko itorero ryangiritse mu mico ndetse rikaba

¹⁹⁸ Albert Barnes, *Notes on Revelation*, pp. 190, 191, comment on Revelation 6: 9-11.

ritabasha kuvugwa neza, kandi ko abo ryasutseho uburakari bwaryo bari abantu beza, baboneye kandi b'abanyakuri. Umurimo warakomeje ugera mu mahanga yari ajijutse kurusha ayandi, uko itorero ryavugwaga neza byatangiye kugabanuka, maze uko abahowe Imana bavugwaga bitangira kuba byiza, kugeza igihe ukwangirika kw'ibizira by'ubupapa kwashyizwe ahagaragara rwose. Nuko urwo rusobe rukomeye rwo gukiranirwa ruhagarara imbere y'abari mu isi rwambaye ubusa mu kwangirika kwarwo kose. Muri icyo gihe abarenganijwe bavugwaga neza, abantu bakanyomoza ibirego itorero ryabarenganyaga ryari ryaragiye ribashyiraho. Nuko bigaragara ko bagiye bababazwa, bidatewe n'uko bari babi cyangwa ngo babe abagome, ahubwo ko bagiye bababazwa "kubera ijambo ry'Imana, no ku bw'ubuhumya bari bafite." Nuko indirimbo zo kubashimira ziraririmbwa, imico yabo myiza ikundwa n'abantu, ubutwari bwabo burashimwa cyane, amazina yabo ahabwa icyubahiro, ndetse abantu bifuza kujya bahora babibuka.

Igihe Gito.—Umurimo w'ubugome bw'itorero Gatulika ry'i Roma ntiwahagaze, na nyuma y'uko Ubugorozi bw'Abaprotestanti bukwiriye hirya no hino ndetse bugashinga imizi. Ntabwo imiborogo iteye ubwoba itewe n'urwango ndetse n'akarengane yari itegereje itorero yari mike. Abantu benshi bendaga guhanirwa ko ngo bari mu buyobe, bityo bakiyongera ku bandi bapfuye bahowe ijambo ry'Imana. Igisubizo gishyitse cy'ibyo basabaga cyagombaga gutinzwaho ikindi gihe gito. Muri icyo gihe, Roma yongeyeho ibindi bihumbi amagana by'iteraniro rinini ry'abantu ishinjwa ko yameneye amaraso. Nyamara umwuka wo kurenganya waje kugeraho ukomwa mu nkokora, impamvu z'abahorwaga ijambo ry'Imana zirumvikana, maze "igihe gito" kivugwa mu kimenyetso cya gatanu kigera ku iherezo.

UMURONGO WA 12 Nuko mbona amena ikimenyetso cya gatandatu, habaho igishyitsi cyinshi, izuba ririrabura nk'ikigunira kiboheshejwe ubwoya, ukwezi kose guhinduka nk'amaraso, 13 inyenyeri zo mu ijuru zigwa hasi, nk'uko umutini iyo unyeganyejwe n'umuyaga mwinshi uragarika imbuto zawo idahishije, 14 ijuru rikurwaho nk'uko bazinga igitabo cy'umuzingo, imisozi yose n'ibirwa byose bikurwa ahantu ahabyo. 15 Abami bo mu isi n'abatware bakomeye n'abatware b'ingabo, n'abatunzi n'ab'ububasha n'imbata zose n'ab'umudendeze bese bihisha mu mavumo no mu bitare byo ku misozi, 16 babwira imisozi n'ibitare bati "Nimutugweho, muduhishe amaso y'lyicaye kuri iriya ntebe n'umujinya w'Umwana w'Intama, 17 kuko umunsi ukomeye w'umujinya wabo usohoye kandi ni nde ubasha guhagarara adatsinzwe?"

Ikimenyetso cya Gatandatu.—Ibi ni ibintu bikomeye kandi by'ingenzi byabayeho igihe ikimenyetso cya gatandatu cyamenwaga. Igitekerezo cyizwe neza kugira ngo gikangure muri buri mutima wose guhugukira cyane iby'Imana, ni uguha agaciro kuba muri iki gihe turiho mu bihe

bikomeye byo kumenwa kw'iki kimenyetso, nk'uko tugiye kubikwerekana nonaha.

Hagati y'ikimenyetso cya gatanu n'ikimenyetso cya gatandatu bisa n'aho hazamo impinduta yihuse kandi ishyyitse, aho bareka gukoresha imvugoshusho ihanitse, bagatangira gukoresha imvugo isanzwe kandi idakebakeba. Impamvu ibitera iyo ari yo yose, impinduka yo ntawayihakana. Nta hame rigenga imisobanurirwe ishobora gutuma imvugo yakoreshejwe mu kimenyetso kibanza iba imvugo isanzwe, kimwe n'uko nta yihari ituma imvugo yo muri iki kimenyetso yaba imvugoshusho. Kubw'ibyo rero tugomba kwemera impinduka, nubwo dushobora kunanirwa gusobanura impamvu yayo. Nubwo bimeze bityo, hari igihamba gikomeye dukwiriye kwitaho. Ni mu gihe iki kimenyetso cyabayemo imigabane ivuga iby'ubuhanuzi mu ijamba ry'Imana yagombaga gufatanurwaho ibimenyetso, kandi bamwe bakajarajara hirya no hino, cyangwa bagahugukira gushaka gusobanukirwa ibi bintu, ndetse bigahera aho ngaho ubumenyi kuri uyu mugabane w'ijamba ry'Imana bwiyongera. Turatanga igitekerezo kivuga yuko iyi yaba ari yo mpamvu yatumye habaho impinduka mu mvugo yakoreshejwe, kandi ko ibyabaye mu gihe cyo kumenwa kw'iki kimenyetso, byabayeho mu gihe ibi bintu byashoboraga gusobanukira abantu neza, ntibihere mu mvugoshusho zakoreshejwe, ahubwo bikagaragarira imbere yacu mu mvugo yumvikana neza kandi itarimo kwibeshya.

Igishyitsi Gikomeye.—Ikintu cya mbere cyabayeho muri iki kimenyetso, ndetse ahari kikaba ari cyo cyaranze intagiro zacyo, ni igishyitsi gikomeye. Nko gusohozwa gukomeye k'ubuhanuzi, dufatira ku gishyitsi gikomeye cyabaye ku italiki ya 1 Ugushyingo 1755. Icyo gishyitsi kikaba kizwi nk'igishyitsi cy'i Lisiboni (Lisbon). Ku bijyanye n'iki gishyitsi, Robert Sears aravuga ati:

"Igishyitsi gikomeye cyo mu mwaka wa 1755 cyageze ku buso bungana na kilometerokare 6.436.000. Ingaruka zacyo zageze no mu mazi, ahantu henshi abantu batashoboraga kurebeshya amaso ibyangiritse. Cyumvikanye mu bice binini ku mugabane w'Uburayi, Afurika, na Amerika; ariko ubukana bwawo bwumvikanye mu gice cy'amajyepfo y'umugabane w'Uburayi."¹⁹⁹ Muri Afurika, iki gishyitsi cyumvikanye gifite ubukana bumeze nk'ubwo cyari gifite ku mugabane w'Uburayi. Umugabane munini w'umujyi wa Alijiya ([Algiers] wari umurwa mukuru w'igihugu cya Alijeriya muri icyo gihe) wararimbutse. Amazu menshi yo mu mijyi yitwa Fez na Mequinez yarasenyutse, kandi abantu benshi batwikirwa n'amatongo yayo. Ingaruka nk'izo na none zageze n'i Morocco (igihugu cya Maroke). Ingaruka zawo na none zumvikanira n'ahitwa Tangier, i Tetuan, i Funchal mu kirwa cya Madeira; ... birashoboka ... ko Afurika yose yaba yaranyeganyejwe n'uyu mutingito. Mu majyaruguru, iki gishyitsi cyageze muri Noruveje, mu Busuwisi; u Budage, Ubuholandi, Ubufaransa,

¹⁹⁹ Robert Sears, *Wonders of the World*, p. 50.

Ubwongereza na Irilande; byose byanyeganyejwe n'iyi mbaraga y'umutingito ukomeye kandi uteye ubwoba wanyeganyeye ibiriho.”²⁰⁰ Bwana Barretti aravuga ati: “Mbere gato y'uko uwo mutingito ubaho, umujyi wa Lisiboni wari utuwe n'abaturage ibihumbi 150.” Avuga ko “ibihumbi 90 byo muri bo byapfuye kuri uwo munsu.”²⁰¹ Bwana Charles Lyell atanga ishusho y'iki kintu cy'ikimenyabose cyabayeho mu buryo bukurikira:

“Nta karere na kamwe k'ibirunga mu bice by'amajyepfo y'Uburayi kigeze kugaragaramo umutingito ukomeye cyane nk'uwabaye guhera ku italiki ya 1 Ugushyingo mu 1755 mu mujyi wa Lisiboni. Ijwi ry'inkuba ryumvikaniye mu butaka, maze uwo mwanya hahita hakurikiraho kunyeganyega gukomeye gusenya igice kinini cy'uwo mujyi. Mu gihe cy'iminota nk'itandatu, abantu ibihumbi 60 bari bamaze gupfa. Inyanja bwa mbere yabanje gusubira inyuma, maze isiga ahantu humutse; nuko irongera iragaruka, umuhengeri wayo uzamuka mu butumburuke bwa metero cumi neshanu (15m) gusumba aho yari isanzwe igera. Imwe mu misozi minini yo mu gihugu cya Porutigali nka Arrabida, Estrella, Julio, Marvan, na Cintra, yaranyeganyeze cyane uherye mu mfatiro zayo, ndetse imwe muri yo iriyasa mu mpinga zayo, maze irasaduka icikamo inkangu ku buryo butangaje, ibisate byayo binini birambarara nk'ibibaya biri munsu y'ibindi. Hari abavuga ko ibirimi by'umuriro byarabije biva muri iyo misozi, bagatekereza ko zari imbaraga z'amashanyarazi; banavuga ko iyo misozi yacumbyemo umwotsi; ariko birashoboka ko umukungugu mwinshi ari wo watumye ibintu bigaragara bityo. ...

“Ubuso bunini iki gishyitsi cy'i Lisiboni cyagezeho burigaragaza cyane. Kunyeganyega kwari gufite ubukana cyane mu gihugu cya Esipanye, Porutigali, no mu majyaruguru ya Afurika; ariko Uburayi hafi ya bwose, ndetse no mu bice by'uburengerazuba bw'Ubihinde na byo byagezweho n'uko kunyeganyezwa k'uwo munsu. icyambu cy'inyanja cyitwa St. Ubes kiri nko muri kilometero 32 uvuye i Lisiboni cyarigitiye mu kuzimu. Mu mujyi wa Alijiya (Algiers) n'uwa Fez yo muri Afurika uwo mutingito na ho wahageze ufite imbaraga nyinshi, kandi ku ntera ingana na kolometero 40 uvuye mu gihugu cya Maroke, hari umudugudu wari utuwe n'abantu bagera nko ku bihumbi 8 cyangwa 10 ubutaka bwarasanye bubamirana n'amatungo yabo maze hashize umwanya harongera harifunga, ubutaka burabatwikira.

“Uyu mutingito wumvikanye no ku nyanja, ku bwerekeza bw'ubwato mu burengerazuba bwa Lisiboni, maze uhumvikana mu buryo bumwe n'ubwo wumvikanyemo ku butaka bwumutse. Umuyobozi w'ubwato bwitwa 'Nancy' wari utsutse ku cyambu cyitwa St. Lucar yumvise ubwato bwe bunyeganyeze cyane maze atekereza ko asekuye imusozi ku butaka, ariko ajugunye umugozi mu mazi asanga bakiri umuhengeri. Umuyobozi w'ubwato witwa Clack na we wari uvuye i Denia, yari ageze ahari ubutumburuke bwa dogere 36° 24' N., hagati ya saa 9h00 na saa 10h00

²⁰⁰ *Ibid.*, p. 58.

²⁰¹ *Ibid.*, p. 381.

y'igitondo, ubwato bwe bwaranyeganyeze ndetse buratigita nk'aho bwari busekuye ikibuye kinini. Ubundi bwato bwari buri ku ntera ya kilometero 200 uvuye ahitwa St. Vincent, bwahungabanyijwe n'umushyitsi ku buryo abantu bari baburimo bahengamye nk'igiti gihushywe n'umuyaga kikenda gukoza umutwe ku butaka. Muri Antigua na Barbadoes, kimwe na none no muri Noruveje, mu Busuwisi, mu Budage, mu Buholandi, muri Corsica, Switzeland no mu Butaliyani, humvikanye umutingito no kunyeganyega kw'isi.

Kwihinduriza kw'amazi yo mu biyaga, imigezi n'amasoko byo mu Bwongereza kwaragaragaye cyane. Urugero nk'ahitwa Loch Lomond, muri Scotland, amazi yarazamutse arenga inkombe nta mpamvu n'imwe igaragara ko ari yo ibiteye, maze arongera aramanuka agera hasi y'aho yari asanzwe agarukira. Urugero rw'ubutumburuke rw'uku kwiyongera kw'amazi rwageze kuri metero zikabakaba zirindwi ahantu atari asanzwe arenga santimetero 10. Bivugwa ko kunyeganyega k'uyu mutingito wabayeho warimo umuhengeri ukomeye ugenda wikiranya, kandi ko wari ufite umuvuduko ungana na kilometero 32 mu munota. Umuhengeri w'amazi waraje wiroha ku nkombe z'igihugu cya Esipanye, kandi bivugwa ko wazamutse ukagera kuri metero 1828 zo ku butaka uvuye ku mazi ahitwa Cadiz. Muri Afurika ahitwa Tangier, umuhengeri warazamutse maze usekura ku nkombe inshuro cumi n'umunani; i Funchal ho muri Madeira, umuhengeri warazamutse urenga aho amazi yagarukiragaho metero 457 nubwo umwanya amazi yamaraga asubiye inyuma ngo yongere gusekura ku nkombe wasaga n'ugabanutsemo kabiri ku rugero rusanze, umuhengeri warazamukaga ukagera ku ntera ya metero 213 imusozi. Hejuru yo kuba umuhengeri warinjiye mu mujiy ukahangiza bikomeye, amazi y'inyanja yari yarenze hejuru y'ibyambu byari byubatswe ku kirwa. Ahitwa Kinsel ho muri Irilande amazi y'inyanja yaragiye yiroha mu cyambu maze yuzura mu mato menshi, ndetse yisuka no mu maguriro yaho.²⁰²

Umusomyi naramuka akoresheje ikarita ye akereba aho ibihugu byavuzwe biri, azabona ko ubuso bw'isi bwanyeganyejwe n'uyu mushyitsi uteye ubwoba ari bunini cyane. Indi mitingito yabayeho ishobora kuba yaragize ubukana, ariko ikaba yarabereye ku buso runaka butoya, ariko nta wundi ushobora guhuza ibyawubayemo n'uyu ku buryo byaba ngombwa ngo bireme ikintu cyabaye mu mateka kiranga intangiriro z'iki kimenyetso.

Kwijima kw'Izuba.—Mu bihe byakurikiye umutingito w'isi, nk'uko byari byavuzwe n'ubuhanuzi, "izuba ryarijimywe nk'ikigunira kiboheshejwe ubwoya." Uyu mugabane w'ubuhanuzi na wo warasohoye. Hano ntabwo ari ngombwa ko turondora iby'ukwijima gutangaje kw'izuba kwabaye ku italiki ya 19 Gicurasi mu 1780. Ndaye ko abenshi mu bantu bakunda gusoma muri rusange, babonye amateka yako. Amagambo y'umwihariko akurikira yavuzwe n'abantu bakomeye araduha igitekerezo ku kuntu ibintu byari bimeze:

202 A. R. Spofford and Charles Gibbon, *The Library of choice Literature*, Vol. VII, pp. 162, 163.

"Umunsi w'umwijima, umunsi wo ku italiki ya 19 Gicurasi 1780 witwa gutya bitewe n'umwijima ukomeye wabaye kuri uwo munsi ugakwira hose mu gihugu cya New England. ... umwijima watangiye ahagana mu ma saa yine za mu gitondo, urakomeza ugeza hagati mu ijoro ryakurikiyeho, ariko wari ku rugero rutandukanye mu duce wagezemo, ndetse ukamara n'igihe kitangana muri two. ... impamvu nyakuri y'iki kintu cyabayeho kidasanzwe ntabwo izwi."²⁰³

"Mu kwezi kwa Gicurasi ko mu mwaka wa 1780, habayeho umunsi w'umwijima uteye ubwoba mu gihugu cya New England, ubwo "impande zose zasaga n'aho zateranirije umwijima hamwe' maze abantu batahwa n'ubwoba. Abantu bo mu mudugudu Edward Lee yari atuyemo bahagaritse umutima cyane, 'bakutse imitima kubera ubwoba' bwo kwibwira ko umunsi w'urubanza [rw'Imana] usohoye; maze abaturanyi bose bateranira hamwe ku muntu wera w'Imana wamaze umwanya munini asengana umwete kubw'abo bantu benshi bari bahagaritse umutima."²⁰⁴

Porofeseri Williams aravuga ati: "Igihe uyu mwijima udasanzwe wabereyeho ni ku italiki ya 19 Gicurasi 1780." Wabayeho guhera hagati ya saa yine na saa tanu z'amanywa, uragenda ugeza hagati mu ijoro ryakurikiyeho, nyamara ugaragara mu buryo butandukanye mu duce dutandukanye. ...

"Urwego umwijima wari uriho rwari rutandukanye mu bice bitandukanye. Mu gice kinini cy'igihugu wari mwinshi cyane ku buryo abantu batashoboraga gusoma inyuguti zandikishijwe imashini mu buryo busanzwe, cyangwa ngo babashe kureba ku masaha yabo kugira ngo bamenye igihe cy'umunsi, igihe cyo kurya, cyangwa cyo gukoreraho imirimo yabo yo mu rugo, batagombye gucana amatara. Mu bice bimwe na bimwe umwijima wari mwinshi cyane ku buryo abantu batashoboraga gusomera hanze ibyandikishijwe imashini mu buryo busanzwe, kandi bimara amasaha menshi; ariko ntekereza ko ibintu bitari bimeze kimwe muri rusange.

"Intera uyu mwijima wagezeho yari nini cyane. Ntabwo ubuhanga bwacu mu byerekeranye n'iki kintu bwihariye nk'uko mbyifuza. Ariko dushingiye ku mateka yanditswe twabonye, bisa n'aho wageze mu bihugu byose bigize New England. Wagaragaye mu burasirazuba ukagenda ukagera i Falmouth [Portland, Maine]. Mu gice cy'uburengerazuba, twumva ko wageze mu bice bya kure byo muri Connecticut na Albaniya. Mu bice by'amajyepfo, wagaragaye ku nkombe z'inyanja hose; mu majyaruguru wageze aho ingabano z'igihugu zigarukira. Birashoboka ko waba warageze aharenga izi mbibi mu byerekezo bimwe, nyamara aho wagarukiye mu buryo buhamye, ntihazobora kwemezwa dushingiye ku makuru nabashije kwegeranya.

203 Noah Webster, "Vocabulary of the Names of Noted ... Persons and Places," *An American Dictionary of the English Language*, 1882 ed.

204 Some Memorials of Edward Lee," *The Publication of the American Tract Society*, Vol. XI, p. 376.

Ku bijyanye n'igihe wamaze, warakomeje muri ako karere umara nibura amasaha cumi n'ane; nyamara birashoboka ko atari ko byagenze mu bice byose by'igihugu.

Uko wagaragaye n'ingaruka wagize, bisa n'aho wateye abantu kubona umunsi wijimye kandi ucuze igihunya. Bacanye amatabaza mu nzu zabo; inyoni zimaze kuririmba indirimbo zazo z'amataha za nimugoroba, zarigendeye, nuko ziricecekeraga; inyoni zisubirira mu byari. Inkoko zarabika impande zose nk'aho bugiye gucya. Ntiwashoboraga gutandukanya ibintu keretse ubyegereye cyane; kandi ibintu byose byagaragaraga bifite urwijiji nk'urwa nijoro.²⁰⁵

"Ku italiki ya 19 Gicurasi 1780, wabaye umunsi uzwi w'umwijima. Mu mazu menshi amatara yaracanwe; inyoni zaracecetse kandi zirazimira; ibisiga byisubirira mu byari. ... Muri rusange, abantu batekereje ko umunsi w'urubanza rw'Imana wari ubagezeho."²⁰⁶

Whittier mu muvugo we uzwi cyane yerekanye ishusho y'ukuntu uwo munsi wari umeze. [Yaravuze ati]:

"Wari umunsi wo muri Gicurasi mu mwaka wa kera
Mu gihumbi na maganarindwi na mironko inani, ni bwo
Igihe umunsi warimo amafu, n'ijuru ry'anywa y'ihangu rikenkemuye,
Ni bwo icyago cy'umwijima uteye ubwoba, umwijima umeze nk'ijoro
Wabudikiye uburabyo n'ubwatsi butoshye bwo mu itumba;
Ni umunsi abanyabwenge bo muri Norland bavuze bati,
Ni urwijiji rw'Imana. Ijuru ryegeye hafi,
Kandi ryari ryijimishijwe n'ibicu, keretse gusa ku
Mpera zaryo ahari hari urwijiji, rumeze nk'uruzamuka
Ruva ku ndiba y'ibirunga, ikuzimu hasa n'amaraso.
Inyoni zaretse kuririmba, kandi ibisiga byose bijya
Mu byari; amatungo yo mu rwuri arabira,
Agenda agana mu biraro; uducurama turambura amababa yatwo,
Dusohoka mu byari turagenda; amajwi y'abakoraga imirimo araceceka,
Abagabo barasenga, abagore bararira; amatwi yose barayabangura,
Kugira ngo bumve ijwi ry'impanda risakuza rikangaranya,
Ijuru ryijimye, no mu maso ha Kristo hafite igitinyiro,
Ko hashoboraga kugaragarira mu bicu byo mu ijuru byatatanye,
Bitari nka kandi yarebaga
Ari umushyitsi wuzuye urukundo w'i Betaniya, ahubwo ubu yari kuba
Ateye ubwoba, ari umucamanza kandi itegeko rye ridashobora guhinduka."²⁰⁷

"Ukwezi Kwahindutse nk'Amaraso."—Umwijima w'ijoro ryakurikiyeho ryo ku wa 19 Gicurasi 1780 ryabaye iridasanzwe nk'uko umunsi na wo wari udasanzwe.

205 Samuel Williams, in *Memoirs of the Americana Academy of Arts and Sciences*, Vol. I, pp. 234, 235.
206 Timothy Dwight, quoted by John W. Barber, *Connecticut Historical Collections*, p. 403.
207 John G. Whittier, "Abraham Daveport," *Complete Poetical Works*, p. 260.

Umwijima wo mu kigoroba cyakurikiyeho birashoboka ko wabaye mwinshi kurenza uwiyeze kubaho uhaye igihe Ushoborabyose yatangiye itegeko ngo umucyo ubeho. ... Sinashoboraga kwibuza gutekereza ko niba igihe ibiva byo mu kirere byose byari byatwikiriwe n'igicu kidashobora guhinguranywa n'umucyo cyangwa ngo gitatanywe, umwijima ntishoboraga kuba wuzuye rwose. Urupapuro washoboraga gushyira hafi y'amaso, na rwo ntishoboraga kugaragara rwose kimwe n'umwenda uboshye mu budodo bw'umukara."²⁰⁸

"Uwo mugoroba ... birashoboka ko hatigeze kubaho ijoro ryijimwe cyane nk'iryo uhaye igihe abana ba Isirayeli baviriye mu nzu y'uburetwa. Uyu mwijima ukomeye warakomeje ugeza saa saba, nubwo ukwezi kwari kwarashe kuzuye mu munsu wari wabanje."²⁰⁹

Aya magambo ajyanye n'iby'ukwezi ahamya ko bitashobokaga ko habaho ubwirakabiri butewe n'uko ukwezi kwakingirije izuba. Igihe cyose muri ririya joro ritazibagirana ukwezi kwabaga guhingutse, nk'uko rimwe na rimwe kwabaga kugaragaye, kwabaga gusa n'amaraso nk'uko ubu buhanuzi bwabivuze.

"Inyenyeri zo mu Ijuru Zaraguye."—Ijwi ryo mu mateka riracyatera hejuru riti **"Byarasohoye!"** Twifashisha amashusho yerekanywe n'abahanga bagenzura ikirere yashyizwe ahagaragara ku italiki ya 13 Ugushyingo 1833. Ku bijyanye n'iyi ngingo, ibihamya biko birahagije.

Igihe numvaga ijwi ritera hejuru ngo 'Reba hanze mu idirishya, nashigukiye hejuru mvuye mu bitotsi byinshi, nuko mu buryo butangaje mbona mu gice cy'uburasirazuba huzuye umucyo nk'uw'igitondo n'amabuye arabagirana. ... Nahamagaye umugore wanjye ngo arebe; maze igihe yari ari kwambara ikanzu aratangara aravuga ati 'reba ukuntu inyenyeri ziri kugwa!' Naramusubije nti: 'Biratangaje,' maze twiyumvamo mu mitima yacu ko ari ikimenyetso cy'iminsi y'imperuka. Kubera yuko mu by'ukuri 'inyenyeri zo mu ijuru zari zaguye mu isi, ndetse nk'uko umutini uragarika imbuto zawo ziteze iyo unyeganyejwe n'umuyaga mwinshi.' Ibyahishuwe 6:13. ...

Kandi se zaguye mu buhe buryo? Yaba jyewe ubwanjye cyangwa undi muntu wo mu muryango wanjye, nta n'umwe muri twe wigeze yumva amakuru yanditswe; kandi iyo nza gushakisha ikigereranyo mu byaremwe, ntacyo nashoboraga kubona gikwiriye kugira ngo nerekanne uko ijuru ryagaragaraga, nk'icyo Yohana akoresha mu buhanuzi bwe bwavuzwe mbere. Umuntu umwe aravuga ati 'Umuriro wavaga mu ijuru umeze nk'imvura!' Undi na we ati: Byasaga n'aho ari imishunzi y'umuriro.' Undi aravuga ati 'Byasaga n'aho ari amabango menshi cyane y'urubura yagwaga ava mu ijuru, mbere y'uko habaho umugaru, cyangwa se ibitonyanga binini by'imvura bigwa mbere yuko imvura y'umurindi igwa.' Nemera aya

208 Samuel Tenny, in *Collections of Massachusetts Historical Society for the Year 1792*, Vol. I, pp. 97, 98.

209 Boston Gazette, May 29, 1780.

magambo bakoresheje kugira ngo muri rusange abantu babyumve; nyamara ntabwo afite imbaraga zihagije kugira ngo ashyikire imvugoshusho yakoreshejwe n'umuhanuzi. 'Inyenyeri zo mu ijuru zaguye mu isi.' Ntabwo yari amababi cyangwa amabango y'urubura, cyangwa ibitonyanga by'umuriro; ahubwo byari ibyo abatuye mu isi bakunze guha izina ry' 'inyenyeri zigwa zivuye hejuru;' kandi igihe umuntu umwe yavugishaga mugenzi muri uwo mwanya ibyo byari biri kuba, yashoboraga kumubwira ati 'Reba ukuntu inyenyeri zigwa!' kandi umwumvise ntiyari guhagarara gato kugira ngo akosore uvuga ku bijyanye n'ubumenyi bwe mu by'inyenyeri ngo avuge ibirenze iby'uwasubiza umuntu uvuye ati 'izuba rirahingutse' kuko amusubiza ati 'Izuba ntabwo riva aho riri.' Inyenyeri zaraguye yemwe ndetse 'nk'uko umutini uragarika imbuto zawo ziteze iyo umuyaga ukomeye unyeganyeye igiti.' Aha ni ho ukuri kw'iby'umuhanuzi avuga kugaragarira ko guhamye. Inyenyeri zaguye ntizaje nk'iziva ku biti byinshi by'imitini inyeganyejwe, ahubwo zaje nk'imbuto z'umutini zihubuka ziva ku giti kimwe: iziva mu ruhande ruherereye iburasirazuba, zagwaga mu ruhande rw'uburasirazuba; izagaragaraga mu ruhande ruherereye mu majyaruguru, zagwaga mu ruhande ruherereye mu majyaruguru; izari zarayangiye umu ruhange rw'amajyaruguru, zagwaga mu ruhande rw'amajyaruguru; ndetse n'izari zarayangiye mu ruhande rw'amajyepfo (kubera ko nagiye nerekeza aho bategera imodoka mvuye iwanjye), na zo zagwaga mu ruhande rw'amajyepfo; kandi nyine zaraguye, Atari nko kugwa kw'imbuto zihishije. Oya rwose biratandukanye. Zaragurukaga, zari zijugunywe, mbese nk'imbuto ziteze zibanza gusa n'izanga kuva ku mashami; maze aho zihungukiyeho zikajyana imbaraga nyinshi, zikavaho zifite umuvuduko, zikamanuka; kandi zigahubuka ari nyinshi, ndetse zimwe zinyuranamo n'izindi, nk'aho ziri kujugunyanwa imbaraga."²¹⁰

"Ukwirasa kw'inyenyeri gutangaje abari mu isi baba barigeze kwandikaho ni ukwabaye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu gitondo cyo kuwa 13 Ugushyingo 1833. Urwego iki kintu gitangaje cyerekanywe cyagezeho ntabwo rwemejwe ku buryo budakuka, ariko ntabwo cyageze ahantu hatwo ku isi. ... Uko byagaragaye bwa mbere, byari nk'umuriro ukomeye ukwirakwiriye hose mu kirere cy'ijuru nka gatumura miliyari na miliyari zaka umuriro, zifite ishusho y'ibisasu birekurira umuriro mu kirere. Ukurabagirana kwazo kwari gukeye cyane, zishashagirana kandi kudacogora, ndetse zagwaga ari nyinshi nk'amabango y'urubura rwo mu kwezi k'Ukuboza. Ubwiza bw'ayo mashusho yo mu ijuru yagaragaraga nk'ibishashi by'ibisasu biturikiye mu kirere n'ibishashi by'inyuka iturikira mu kirere, byenda gusa no kurabagirana kw'inyenyeri ntoya cyane ugereranyije n'ukurabagirana gukomeye kw'izuba. Ijuru ryose ryasaga n'aho riri kunyeganyega, kandi kuri bamwe byatangaga ishusho iteye ubwoba nk'iyakoreshejwe mu Byahishuwe igihe ikimenyetso cya gatandatu cyari kimenwe, ubwo 'inyenyeri zo mu ijuru zagwaga ku isi

²¹⁰ New York Journal of Commerce, Nov. 14, 1833, Vol. VIII, No. 534, p. 2.

zimeze nk'uko umutini uragarika imbuto zawo zidahishije igihe uhushywe n'umuyaga mwinshi.”²¹¹

“Nyuma yo guhuriza hamwe no gukusanya amakuru yatanze n'ibinyamakuru by'igihugu, no mu nzandiko nyinshi zandikiwe inshuti zanjye z'abahanga ndetse n'izo jye ubwanjye nandikiwe, ibi bikurikira byagaragaye nk'ibihamya bihatse ibindi byajyanye n'icyo kimenyetso. Uko kugwa kw'inyenyeri kwazimagije Amerika ya ruguru hafi ya yose, kandi zigaragara zifite ubwiza nk'ubw'izabonetse mu gice cy'amajyaruguru cy'Ubwongereza, no mu birwa by'uburengerazuba bw'Ubihindi, ndetse na Megiziko ho mu majyepfo, kandi ku ntera ya dogere 61 uvuye ku murongo muganda fatizo mu burasirazuba bw'inkombe ya Amerika, nyine mu Nyanja ya Pasifika y'uburengerazuba. Muri ako karere kanini gaty, igihe ibyo byamaze cyasaga n'aho kingana. Ayo mabango arabagirana yatangiye gukurura ibitekerezo by'abantu bitewe n'uko atari amenyerewe ndetse bitewe no kurabagirana kwayo, uherye saa tatu z'ijoro ukageza saa sita z'ijoro; zarushijeho kugaragara cyane uherye saa munani kugeza saa kumi n'imwe. Zageze ku rwego rwo hejuru ahantu henshi ahagana mu ma saa kumi; nuko zirakomeza kugeza ubwo zirekeye aho kugaragara bitewe n'umucyo w'izuba rya mu gitondo.”²¹²

Icyo kintu giteye amatsiko y'ucyitegereza kigomba kuba cyaratangaje abakirebaga. Intumwa Yohana yashoboraga kuba yarabibonye mbere igihe yandikaga aya magambo arengurira ku kimenyetso cya gatandatu ati: 'Maze inyenyeri zo mu ijuru zigwa ku isi zimeze nk'uko umutini uragarika imbuto zawo zidahishije iyo uhushywe n'umuyaga mwinshi.”²¹³

“Ijuru Rikurwaho nk'uko Bazinga Igitabo cy'Umuzingo.”—Muri iki kintu cyabaye, ubwenge bwacu bwerekera ku hazaza. Urebye ahashize, maze ukitegereza ukuntu ijamba ry'Imana ryagiye risohora, ubu turarikirwa kureba ku bizaba mu gihe kizaza, ibyo tudashidikanya ko bitazaba. Umwanya duhagazemo uragaragara mu buryo butakwibeshywaho. Duhagaze hagati y'umurongo wa 13 n'uwa cumi na kane yo muri iki gice. Dutegereje ko ijuru rikurwaho nk'uko bazinga igitabo cy'umuzingo. Ibi ni byo bihe bikomeye mu buryo butagereranywa kandi by'ingenzi, kubera ko tutazi uburyo ugusohora kw'ibi bintu kutwegereye cyane.

Gukurwaho kw'ijuru kuri mu byo abanditsi b'Ubutumwa bwiza bita kunyeganyega kw'imbaraga zo mu ijuru, turamutse tubisanishije n'uru rukurikirane rw'ibintu bigomba kubaho. Ibindi byanditswe biduha andi makuru ajyanye n'ubu buhanuzi. Tugendeye ku byanditswe mu Baheburayo 12: 25-27; Yoweli 3: 16; Yerehiya 25: 30-33; Ibyahishuwe 16:17, tumenya ko ari ijwi ry'Imana, igihe ivugira mu gukomera guteye ubwoba iri ku ntebe y'ubwami, ku buryo butuma habaho kunyeganyega guteye ubwoba mu isi no mu ijuru. Igihe kimwe Uwituka yavuze mu ijwi ryumvikana, ubwo

211 Elijah H. Burritt, *The Geography of the Heavens*, p. 163.

212 Denison Olmsted, *The Mechanism of the heavens*, p. 328.

213 Edwin Dunkin, *The Heavens and the Earth*, p. 186.

yatangaga amategako ye ahoraho ku musozi Sinayi. icyo gihe isi yaranyeganyeze. Azongera na none avuye, kandi noneho si isi yonyine izanyeganyega, ahubwo n'ijuru na ryo rizanyeganyega. Ubwo ni bwo isi "izadandabirana nk'umusinzi." Izashonga maze irimburwe burundu. (Yesaya 24). Imisozi izavanwa ahayo. Ibira bizimuka bive hagati mu nyanja mu buryo butunguranye. Ahari imirambi hazahagarara imisozi miremire cyane. Ibitare bizaturumbuka mu butaka buzaba kwasamye. Igihe ijwi ry'Imana rizaba ryrangira mu isi, urujijo rukomeye ruzataha ku maso y'ibyaremwe.

Kugira ngo herekanwe ko ibi atari ibitekerezo bihimbano, umusomyi asabwa kwita ku buryo amagambo yasubiwemo neza, ndetse bamwe mu bahanuzi bakaba barayakoresheje barengurira kuri iki gihe turimo. Yesaya aravugaga ati: "Isi iramenetse, isi irayaze, isi iranyeganyejwe cyane. Isi izadandabirana nk'umusinzi kandi izanyeganyezwa nk'ingando, igicumuro cyayo kizayiremerera, kandi izagwa ye kongera kubyuka." (Yesaya 24: 19,20). Yeremiya mu mvugo ishimishije yerekana uko ibintu bizagenda muri aya magambo: Nitegereje isi mbona idafite ishusho kandi irimo ubusa, n'ijuru na ryo nta mucyo rifite. 24 Nitegereje imisozi miremire mbona itigita, ndetse n'iyindi yose na yo inyeganyega. 25 Nitegereje mbona nta muntu uhari, n'ibisiga byose byo mu kirere byahunze. 26 Nitegereje mbona ahantu hari uburumbuke harabaye ubutayu, n'imidugudu yabo yose yasenyukiye imbere y'Uwiteka ku bw'uburakari bwe bukaze. 27 Kuko Uwiteka avugaga atya ati "Igihugu cyose kizaba amatongo ariko sinzagitsembaho rwose. (Yeremiya 4: 23- 27).

Ubwo ni bwo inzozo abari mu isi bafite z'umutekano wo mu by'umubiri zizamenagurika nk'uko byari byitezwe. Abami biyangirishije ubutware bw'isi bwabo bwite, ntibigize na rimwe barota ububasha burenze ubwo bo ubwabo bafite, noneho ubu bwo bazaba babonye ko hariho Utegeka nk'Umwami w'abami. Abantu bakomeye bazabona ko gukomera ko mu isi nta kamaro, kubera yuko hariho ugukomera kurenze ukwa hano mu isi. Abakire bafata izahabu n'ifeza byabo babijugunyira n'uducurama n'imbeba, kuko bidashobora kubakiza kuri uwo muni. Abagaba b'ingabo bakomeye bibagirwa mu mwanya muto ubutware bari bafite, n'abagabo b'abanyambaraga bibagirwa imbaraga zabo. Buri muntu wese w'imbata ukiri mu bucakara bw'icyaha ndetse n'umuntu w'umudendeko—inze zose z'abanyabyaha, uherye k'ukomeye kurusha abandi ukageza kuworohereje hanyuma y'abandi bose—bose bafatanyiriza hamwe kuboroga bacitse umugongo kandi bihebye.

Abatarigeze na rimwe basenga nyiri ukuboko kubasha kuzana agakiza, noneho bazamurira isengesho ryabo batakamba nk'abagiye gupfa basaba ibitare n'imisozi ngo bibagweho by'iteka ryose bibahishe mu maso h'uware ugiye kubarimbura. Noneho bari biteguye kwirinda gusarura ibyo babibye binyuze mu mibereho y'irari n'icyaha. Bajyaga kugira ubushake bwo kwikinga umujinya bakomeje kwirundanyirizaho bendaga guhura na wo kuri uwo muni. Bari kwishimira kwihisha mu mwijima w'iteka ryose

ndetse no guhisha urutonde rw'ibyaha byabo muri wo. Bityo rero, bahungiye ku bitare, amavumo, imyobo n'ibihanamanga byari byasamye ku isi imbere y'amaso yabo. Nyamara ubu bwo byari byaratinze bitangaje. Ntibashobora guhisha ubugome bwabo cyangwa guhunga uguhora kubategereje igihe kirekire.

“Bazahamagarira ubusa
Ngo imisozi ibagweho
Kubera ko ikiganza cye kizabashakira hose,
Kuri uwo muni.”

Umunsi batekerezaga ko utazigera ubaho, noneho wari ubafashe nk'umutego, kandi imvugo batifuzaga yo mu mitima yabo yuzuye umubabaro yari iyi ngo: “Umunsi w'umujinya we uraje, kandi ni nde ubasha guhagarara adatsinzwe?” Musomyi, mbere yuko uwo muni ugera ukazana n'ibiteye ubwoba byawo, turaguhendahenda, wite ku gakiza kawe ukomeje kandi ubishyizeho umwete.

Muri iki gihe abantu bamwe basuzugura gahunda z'amasengesho, nyamara igihe runaka mu buryo bumwe cyangwa ubundi, abantu bose bazasenga. Abadasenga Imana muri iki gihe bihana ibyaha, icyo gihe bazasenga ibitare n'imisozi bahangayitse; kandi iryo rizaba ari iteraniro rinini kuruta ayandi materaniro yose yigeze kubaho.

Yemwe! Ni byiza cyane
Kureka intambara idakwiriye,
Mu gihe imbabazi, ibyiringiro n'amahoro bikiboneka;
Ntimukongere guhubukira ingabo ibanguye
Y'Ishoborabyose, nimumusange mufite umutima wihannye,
Ndetse n'intwari zo kugoma kwanyu muzirambike hasi.
Byaba byiza musenze none mu rukundo, aho kugira ngo musazenge menshi mu bwoba.
Nimumwambaze akibasha kubumva;
Bityo ku muni w'imperuka ugiye kuza,
Igihe ijuru rizegera hafi y'isi, Abamarayika bakamanukana naryo,
Umwami w'ijuru, Usumbabyose,
Imbere ye isi ikomeye iramenagurika,
Ushobora kwitegereza incuti ishoborabyose,
Kandi ukaruhukira mu mahoro muni y'amababa ye akubundikiye,
Hagati y'iby'isi byose byabaye umuyonga.

IGICE CYA 7

IKIMENYETSO

CY'IMANA IHORAHU

IBYAHISHUWE 7

UMURONGO WA 1 Hanyuma y'ibyo mbona abamarayika bane bahagaze ku mpfuruka enye z'isi bafashe imiyaga ine yo mu isi, kugira ngo hatagira umuyaga uhuha mu isi cyangwa mu nyanja cyangwa ku giti cyose. 2 Mbona na marayika wundi azamuka ava iburasirazuba, afite ikimenyetso cy'Imana ihoraho, arangurura ijwi rirenga, abwira ba bamarayika bane bahawe kubabaza isi n'inyanja ati 3 "Ntimubabaze isi cyangwa inyanja cyangwa ibiti tutaramara gushyira ikimenyetso mu ruhanga rw'imbata z'Imana yacu."

Igihe uyu murimo uvuzwe hano uzabera cyashyizweho mu buryo butarimo kwibeshya. Igice cya gatandatu gisozereza ku bintu byabaye mu kimenyetso cya gatandatu, kandi ikimenyetso cya karindwi ntikivugwa kugeza igihe tugereye mu ntangiriro z'igitabo cy'Ibyahishuwe 8. Ku bw'ibyo rero, igice cya karindwi cyose cy'igitabo cy'Ibyahishuwe cyashyizwemo nk'amakuru y'umwihariko. None se ni ukubera iki gitangira gityo muri uyu mwanya? Biragaragara ko gitangwa kugira ngo bongereho ibintu by'umwihariko by'inyongera ku bijyanye n'ikimenyetso cya gatandatu. Amagambo ngo: «Hanyuma y'ibyo» ntabwo asobanura nyuma yo gusohozwa kw'ibyari byabanje kuvugwa ahabanza, ahubwo bisobanuye hanyuma y'uko umuhanuzi ajyanwe mu iyerekwa ku iherezaho ry'ikimenyetso cya gatandatu, kugira ngo gahunda y'uburyo ibintu bikurikirana nk'uko itangwa mu gice cya 6 cy'Ibyahishuwe idakomwa mu nkokora, ubwenge bwe bukururirwa guhugukira ibivugwa mu Byahishuwe igice cya 7 nk'ibintu by'umwihariko byerekeranye n'icyo kimenyetso. Turibaza tuti: «Uyu murimo ukorwa hagati y'ibihe bintu byabayeho?» Ugomba kuba ukorwa mbere yuko ijuru rikurwaho nk'uko bazinga umuzingo w'igitabo, kubera ko inyuma y'icyo kintu nta mwanya uhari umurimo nk'uyu wakorwamo. Ugomba kubaho nyuma y'ibimenyetso byo ku zuba, ku kwezi no ku nyenyeri, kubera ko ibi bimenyetso byarangije gusohora, kandi uwo murimo wo gushyiraho ikimenyetso ntiwari warangira. Bityo rero, ubaho hagati y'umurongo wa 13 n'uwa 14 y'Ibyahishuwe 6. Aho ngaho nk'uko byerekanywe mbere, ni ho duhagaze muri iki gihe. Bityo, umugabane wa

mbere w'Ibyahishuwe 7 werekeranye n'umurimo gusohozwa kwawo kugomba gushakirwa muri iki gihe.

Abamarayika Bane.—Abamarayika ni abakozi bahora bagaragara mu mirimo ikorerwa hano ku isi. None se ni kuki aba badashobora kuba bane bo muri ibyo biremwa byo mu ijuru Imana yashyize mu biganza umurimo wo gufata imiyaga mu gihe ari umugambi wayo wo kugira ngo idahuha, hanyuma bakayirekura ubwo igihe kizaba kigeze cyo kubabaza isi?

Imfuruka Enye z'Isi.—Iyi mvugo yerekana impande enye z'isi, cyangwa inguni enye, kandi bikaba bisobanuye ko aba bamarayika mu bice baherereyemo, bashinzwe isi yose uko yakabaye.

Imiyaga Ine.—Imiyaga muri Bibiliya ishushanya uguhungabana, guhangana n'intambara mu bya politiki. (Daniyeli 7:2; Yeremiya 25:32). Imiyaga ine, ifashwe n'abamarayika bane bahagaze mu mfuruka enye z'isi, igomba kuba yerekana ibintu byose bituma habaho impagarara no guhungabana kuboneka mu isi. Igihe izaba irekuwe maze yose igahuhira icyarimwe, izarema umuyaga wa serwakira wavuzwe mu buhanuzi bwo muri Yeremiya.

Marayika Uzamuka Ava Iburasirazuba.—Undi marayika usanzwe ufite inshingano z'undi murimo wihariye avuzwe hano. Mu ngeri zimwe za Bibiliya, aho kugira ngo bavuge ngo «azamuka aturutse iburasirazuba» bahitamo kuvuga ngo «uzamuka aturutse aho izuba rirasira», ibi bikaba ari byo birushijeho kutabamo amarenga. Iyi mvugo biragaragara ko irengurira *ku buryo*, aho kurengurira *ku hantu*, kubera ko nk'uko izuba rirasa imyambi y'umucyo wayo iberamye ndetse isa n'idafite imbaraga, nuko ikagenda igwiza imbaraga kugeza igihe rirasa rifite imbaraga zaryo zose n'ubwiza bwaryo, ni na ko n'umurimo w'uyu marayika utangira woroheje, ugakomeza kugenda wegeranya imbaraga, maze ugasozza ufite imbaraga n'ububasha.

Ikimenyetso cy'Imana Ihoraho.—Ikintu kiranga marayika uzamuka kikamutandukanya n'abandi ni uko afite ikimenyetso cy'Imana Ihoraho. Duhereye kuri iki kintu ndetse n'umwanya umurimo we urimo ugereranyije n'ibindi bintu bibaho, niba bishoboka dushobora gutahura inkubiri yabayeho ishushanywa n'uyu murimo we. Kamere y'umurimo we igaragazwa n'uko afite ikimenyetso cy'Imana Ihoraho. Kugira ngo duhamye tudashidikanya umurimo we uwo ari wo, tugomba kubanza kugaragaza icyo ikimenyetso cy'Imana Ihoraho ari cyo.

Basobanura ko ikimenyetso ari igikoresho cyo guhamya, ikintu «gikoreshe n'abantu ku giti cyabo, imiryango, n'ibihugu, kugira ngo bashyire ikimenyetso cy'ubushishi ku bikoresho byo kwandikaho, kugira ngo bibe igihamya cy'uko ari umwimerere.» Ijambo ry'umwimerere muri iyi mirongo risobanurwa ngo «Ikimenyetso, ni ukuvuga impeta ikoreshe nk'ikimenyetso; ikimenyetso, kashe, ikirango bambara, ikimenyetso ndetse n'indahiro.» Inshinga isobanura «guha umuntu igihamya cy'uko uzasohozwa ibyo uvuze, guhamiriza umuntu; gushyira ikimenyetso cyangwa ishusho ku

kintu nk'igihamya cy'uko icyo kintu ari umwimerere cyangwa se cyemewe. Cyangwa se bikavuga guhamya, gushimangira, gukomeza, gutandukanya ikintu n'ikindi ukoresheje ikimenyetso.» Dushingiye kuri ubu busobanuro nk'urufatiro, tugereranya Itangiriro 17:11 n'Abaroma 4:11, n'Ibyahishuwe 7:3 tukahagereranya na Ezekiyeli 9:4, maze tukabona ko amagambo igihamya, ikimenyetso, kashe, ishusho akoreshwa muri Bibiliya nk'asobanura kimwe. Ikimenyetso tubona hano muri iyi mirongo kigomba gushyirwa ku bagaragu b'Imana. Muri uru rugero, ntabwo ari ikimenyetso kigaragara kigomba gushyirwa ku mubiri, ahubwo ni *ihame*, *ikintu cyo kuziririzwa* gifitanye isano n'Imana, kizakoreshwa nk'«ikimenyetso gitandukanya» abantu baramya Imana n'abantu batari abagaragu bayo nubwo baba bavuga ko ari abayoboke bayo.

Ikimenyetso gikoreshwa kugira ngo gikomeze amategekoteka cyangwa amategeko umuntu cyangwa ububasha bushobora kuba bwashyizeho, cyangwakugirangokigaragazeko ari umwimerere. Ingero z'imikoresherezwe yacyo zikunda kuboneka mu Byanditswe byera. Mu 1Abami 21:8, dusomamo ko Yezebeli «yanditse inzandiko mu izina rya Ahabu, maze akazishyiraho ikimenyetso cye.» Icyo gihe, izo nyandiko zari zifite ubutware bwa Ahabu. Na none, muri Esiteri 3:12 «[urwandiko] rwanditswe mu izina ry'umwami Ahasuwerusi, rushyirwaho ikimenyetso cy'impeta y'umwami.» Bityo rero muri Esiteri 8:8 «Inyandiko yanditswe mu izina ry'umwami, igashyirwaho ikimenyetso cy'impeta y'umwami, nta muntu washoboraga kuyivuguruza.»

Ikimenyetso gikoreshwa ku mategeko amwe n'amwe cyangwa amategekoteka asaba ko abantu bayumvira, cyangwa kigashyirwa ku nyandiko zigomba kwemerwa n'amategeko, cyangwa zigomba kugenzurwa n'amategeko. Igitekerezo cy'itegeko ntigitandukanywa n'ikimenyetso.

Ntabwo dukwiriye kwibwira yuko amategekoteka n'amategeko y'Imana areba abantu, agomba gushyirwaho ikimenyetso kigaragara, gikoreshejwe ibikoresho by'abantu bisanzwe. Ugendeye ku busobanuro bw'iri jambo, n'impamvu ituma ikimenyetso gikoreshwa, nk'uko byerekanwe ahabanza, tugomba kumva ikimenyetso kigomba kuba kidakebakeba, kigaha agaciro amategeko n'amategekoteka ndetse kikayaha umwimerere. Ibi biboneka mu izina cyangwa umukono w'ububasha bushyiraho amategeko, bikavugwa mu magambo yerekana ubwo bubasha ubwo ari bwo, n'ubutware bwihariye bufite bwo gushyiraho amategeko ndetse bugasaba ko yumvirwa. Yemwe ndetse n'ikimenyetso kigaragara, buri gihe izina rigomba gukoreshwa nk'uko byerekanwe mu ngero twabonye haruguru. Urugero rw'aho izina risa n'aho rikoresheka ari ryonyine ruri muri Daniyeli 6:9. «Nuko none nyagasani, hamya iryo tegeko ushyireho ukuboko ku rwandiko rwaryo, kugira ngo rye kuzakuka nk'uko amategeko y'Abamedi n'Abaperesi atavuguruzwa.» (Daniyeli 6:9). Mu yandi magambo, shyiraho umukono w'ubwami werekana usaba ko ryumvirwa uwo ari we, ndetse n'ubutware bumuha gusaba ibyo.

Mu buhanuzi buri muri Yesaya 8:16 tuhasoma aya magambo: «Bumba ibihamya, amategeko uyafatanishe ikimenyetso mu bigishwa banjye.» Ibi bigomba kuba birengurira ku murimo w'ububuyutse mu bitekerezo by'abigishwa ku byerekeye bimwe mu byo amategeko asaba abantu bari barirengagije, cyangwa barahinduriye ubusobanuro. Mu buhanuzi iki gikorwa cyiswe gushyira ikimenyetso ku mategeko, cyangwa kuyasubizaho ikimenyetso cyayo cyari cyaravanywe kuri yo.

Abantu ibihumbi 144, bari mu gice kiri imbere bavugwa yuko bashyizweho ikimenyetso cy'Imana mu ruhanga, bongera kugarukwaho mu gice cya 14:1, aho bavugwaho ko bafite *izina* rya Se ryanditswe mu ruhanga rwabo.

Ikimenyetso cy'Imana ni Iki?—Duhereye kuri ibi bitekerezo turi kuvugaho, ibihamya n'amagambo yavuzwe n'Ibyanditswe Byera, hari imyanzuro utakwibuza kugeraho ikurikira:

1. Ikimenyetso cy'Imana kiboneka mu mategeko y'Imana
2. Ikimenyetso cy'Imana ni wa mugabane w'amategeko yayo ukubiyemo izina ryayo, cyangwa izina ry'icyubahiro riyerekana, ryerekana uwo iri yo, aho itegeka uko hangana, n'ubutware ifite bwo gutegeka.

Amategeko y'Imana yemerwa n'amatorero yose y'ibwirizabutumwa bwiza akomeye kuruta ayandi ko akubiye mu magambo make mu mategeko cumi y'Imana. Ubwo noneho tuba tugomba gusuzuma gusa aya mategeko kugira ngo turebe iryaba rigize ikimenyetso cy'amategeko, cyangwa mu yandi magambo, irimenyekanisha Imana y'ukuri, n'ubutware ifite bwo gushyiraho amategeko.

Amategeko atatu abanza avuga ijambo "Imana" nyamara ntidushobora kumenya ari iyihe mana ivugwa muri ayo mategeko kubera ko hariho ibintu byinshi byitwa imana. Hariho "imana nyinshi n'abami benshi" nk'uko intumwa Pawulo ibivuga. (1 Abakorinto 8:5). Tunyure ku itegeko rya kane tube turizigamiye undi mwanya. Itegeko rya gatanu ririmo ijambo "Uwiteka" n'ijambo "Imana" ariko ntirisobanura ayo mazina; naho andi mategeko atanu asigaye, ntabwo avuga na hato ijambo "Imana." Turamutse twifashishije uyu mugabane w'amategeko tumaze gusuzuma, ntibyashoboka kwemeza umuntu wahindanyijwe no kugira icyaha imana ye. Abaramya ibishushanyo bashobora kuvuga bati: "Iyi shusho indi imbere ni imana yanjye, izina ryayo ni imana, kandi aya ni amategeko yayo." Abaramya ibiboneka mu kirere na bo bashobora kuvuga bati: "Izuba ni imana yanjye, kandi ndiramy nkurikije aya mategeko. Muri ubu buryo, hatariho itegeko rya kane, amategeko cumi yahinduka ubusa kandi nta kintu cyaba kiyarimo, igihe cyose twitaye ku kuntu yerekana ubusobanuro bwo kuramya Imana nyakuri.

Ariko nimureke twongereho itegeko rya kane, dusubize iri tegeko mu yandi mategeko, iryo benshi bashimangira ko ryavuyeho, maze turebe uko bimera. Mu gihe dusuzuma iri tegeko rikubiyemo aya magambo ngo "Kuko

bandi. Ariko igihe inkike ibatandukanya yari isenywe, maze abanyamahanga bagahinduka abasangiye na bo imigisha ya Aburahamu, ubwoko bw'Imana bwose, Abayuda ndetse n'Abanyamahanga, binjijwe mu isano nshya kandi yimbitse bagirana n'Imana binyuze mu Mwana wayo, bityo muri iki gihe dusobanurwa abo turi bo hakoreshejwe aya magambo ngo "Umuyuda wo mu mutima," n' "Umwisirayeli nyakuri." (Abaroma 2:29; Yohana 1:47). Aya magambo akoreshwa kuri bose muri ubwo buryo, kuko bose bafite amahirwe amwe yo kumenya Uwiteka nk'uko byari bimeze ku bwoko bwayo bwo mu gihe cyashize.

Bityo rero, Isabato yo mu itegeko rya kane ifatwa n'Uwiteka nk'ikimenyetso kiri hagati ye n'ubwoko bwe cyangwa se *kashe* yo ku mategeko ye y'ibihe byose. Iyo abantu bitondeye iri tegeko, baba basobanuye ko baramya Imana nyakuri. Muri iryo tegeko kandi, Imana yimenyekanisha nk'umutware wabo wemewe, kubera ko ari yo Muremyi wabo.

Mu buryo buhuye n'iki gitekerezo, igihamya gisobanutse gikwiriye kwitabwaho ko igihe cyose abanditsi bera bifuza kwerekana Imana nyakuri bakayitandukanya n'imana z'ibinyoma zose, abantu baba bakangurirwa kwita ku bihamya bikomeye by'irema, ari na byo itegeko rya kane rishingiyeho. (Reba 2 Abami 19: 15; 2 Ngoma 2: 12; Nehemiya 9: 6; Zaburi 96: 5; 115:4-7, 15; 121: 2; 124: 8; 134: 3; 146: 6; Yesaya 37: 16; 42:5; 44: 24; 45:12; 51:13; Yobu 9:8; Yerehiya 10: 10-12; 32:17; 51; 15; Ibyakozwe 4: 24; 14: 15; 17; 23, 24).

Nimutyo twite na none kuri rya tsinda riboneka mu Byahishuwe 7 ry'abantu bafite ikimenyetso cy'Imana ihoraho mu ruhanga rwabo, ari na bo bongera kugarukwaho mu Byahishuwe 14:1, aho bafite izina rya Se mu ruhanga rwabo. Iki ni igihamya cyiza cy'uko "ikimenyetso cy'Imana ihoraho" n'izina rya Se" bikoreshejwe nk'ibintu bisobanura kimwe. Urukurikirane rw'ibihamya kuri iyi ngingo rwuzura neza iyo bigaragaye neza ko itegeko rya kane (irarangirije kwerekanwa ko ari *kashe* y'amategeko), rivugwa n'Uwiteka nk'irifite izina rye. Igihamya cy'ibi ngibi kiboneka mu Gutegeka kwa kabiri 16:6 ahagira hati: "ahubwo ahantu Uwiteka Imana yawe izatoraniriza kuhashyira *izina* ryayo ngo rihabe, azabe ari ho utambira umwana w'intama wa Pasika." Mbese ni iki cyari kiri ahantu batambiye umwana w'intama wa Pasika? Hari hari ubuturo bwari bufite mu cyumba cy'ahera cyane isanduku irimo amategeko cumi, kandi irya kane muri yo ryerekana Imana nyakuri, kandi rikubiyemo n'izina ryayo. Igihe cyose itegeko rya kane ryabaga rihari, izina ry'Imana ryabaga riri aho hantu, kandi icyo ni cyo kintu cyonyine iyo mvugo yashoboraga kurenguriraho. (Reba Gutegeka kwa kabiri 12: 5, 11, 21; 14:23, 24).

Umurimo wo Gushyiraho Ikimenyetso.—Noneho ubwo tumaze gushimangira ko ikimenyetso cy'Imana ari Isabato yayo yera, ari yo ibonekamo izina ryayo, tubasha kuba twiteguye gukomeza ubusobanuro. Tugendeye ku bivugwa mu mirongo dufite imbere—(imiyaga ine bisa n'aho igiye guhuha, ikazana n'intambara n'ingorane ku isi, kandi uyu murimo

ukaba ubaye uhagaze kugeza igihe imbata z'Imana zizaba zimaze gushyirwaho ikimenyetso)—tuributswa ko amazu y'Abisirayeli yabaga ariho ikimenyetso cy'amaraso y'umwana w'intama wa Pasika, maze akarindwa igihe marayika murimbuzi yabaga ayanyuzeho yica abana b'imfura b'Abanyegiputa. (Kuva 12). Tuributswa na none iby'ikimenyetso cyashyizwe ku bantu n'umwanditsi wari ufite ihembe ririmo wino, akagishyira ku bantu marayika wari ufite intwari zicana waje amukurikiye atari kugira icyo atwara. (Ezekiyeli 9). Twanzura tuvuga yuko ikimenyetso cy'Imana gishyirwa ku mbata zayo ari kashe ibatandukanya n'abandi, cyangwa se ikirango cyo mu by'iyobokamana, kizatuma batagerwaho n'amateka y'Imana azagera ku banyabyaha bazaba babazengurutse.

Ubwo twabonye ikimenyetso cy'Imana mu itegeko rya kane, ikibazo gikurikiyeho ni iki: mbese kubahiriza itegeko rya kane hari ikintu cy'umwihariko bizana mu migirire y'iby'iyobokamana?—Yego, ni ikimenyetso ndetse gikomeye. Ni kimwe mu bihamya byihariye bikwiriye gukurikizwa mu mateka y'iyobokamana, ku buryo mu gihe nk'iki turimo aho abantu bashobora kwirata ko bafite umucyo w'ubutumwabwiza, aho imbaraga ihindura y'ubukristo ifite ububasha bwinshi kandi ikaba ikwiriye hose, kimwe mu bintu by'umwihariko bibasha gukurura abantu mu migenzereze umuntu abasha guhitamo kugira, kandi kikaba umwe mu misaraba umuntu ashobora kwikorera, ni ikintu cyoroheje nko gukurikiza itegeko rya kane ryo mu mategeko y'Imana. Iri tegeko risaba abantu kuziririza umunsi wa karindwi wa buri cyumweru nk'Isabato y'Uwiteka; mu gihe hafi y'abitwa abakristo bese bayoberejwe mu kuruhuka ku munsi wa mbere w'icyumweru bitewe n'imbaraga zihindura abantu z'ubupagani bufatanyije n'ubupapa. Icyo umuntu akwiriye gukora gusa ni ugutangira kuruhuka umunsi uboneka mu mategeko, maze ikimenyetso cyo kuba umuntu w'umwihariko kigahita kimubaho. Ahita aba utandukanye n'abiyita abanyedini ndetse n'ab'isi basanzwe.

Twanzura tuvuga yuko marayika wazamutse aturutse iburasirazuba afite ikimenyetso cy'Imana Ihoraho, ari intumwa y'Imana ishinze umurimo w'ivugurura rigomba gukorerwa mu bantu ukubiyemo no kubahiriza Isabato yo mu itegeko rya kane. Abakozi bashinzwe uyu murimo ku isi, ni abagabura nyine b'ibya Kristo, kubera ko abantu bahawe umurimo wo kwigisha bagenzi babo mu byerekeye ukuri kwa Bibiliya. Ariko kubera ko ishyirwa mu bikorwa ry'inama z'Imana zose rigira gahunda, bisa n'aho ari ibidashoboka ko marayika usanzwe ashobora guhabwa uyu murimo kandi ngo ashingwe iri vugurura.

Dukurikije urukurikirane rw'ibiba, dusanga uyu murimo ari uwo mu gihe cyacu. Iki na cyo ni ikindi gihamba kubera ko gushyirwaho ikimenyetso kw'imbata z'Imana gukurikirwa n'uko bahagarara imbere y'intebe y'ubwami bafite imikindo yo kunesha mu biganza byabo. Bityo rero, gushyirwaho ikimenyetso ni wo murimo wa nyuma ugomba kubakorerwa mbere yuko barokorwa ukurimbuka kuzaza mu isi kujyanye no kugaruka kwa Kristo.

Ibiranga Marayika Ushyiraho Ikimenyetso.—Mu Byahishuwe 14 tuhabona umurimo nk'uyu noneho mu ishusho ya marayika uguruka aringaniye ijuru afite umuburo uteye ubwoba kurusha iyindi yose yigeze igera mu matwi y'abantu. Nubwo tuzavuga kuri iki kintu mu buryo bwuzuye igihe tuzaba tugeze kuri icyo gice, ubu tucyifashishije kubera ko ari umurimo uheruka ugomba gukorerwa abari mu isi mbere yuko Kristo agaruka, akaba ari cyo gikorwa kizakurikiraho dukurikije ubwo buhanuzi, bityo ukaba ugomba kujyanirana n'umurimo uvugwa mu Byahishuwe 7: 1-3. Kubw'ibyo rero, marayika ufite ikimenyetso cy'Imana Ihoraho ni kimwe na marayika wa gatatu wo mu Byahishuwe 14.

Iki gitekerezo cyongera imbaraga ingingo tugezeho yerekeranye n'ikimenyetso. Ingaruka z'umurimo wo gushyiraho ikimenyetso uboneka mu Byahishuwe, iteraniro ry'abantu runaka rishyirwaho ikimenyetso cy'Imana Ihoraho, mu gihe na none ingaruka y'ubutumwa bwa marayika wa gatatu buboneka mu Byahishuwe 14 iteraniro ry'abantu runaka ryumvira "*amategeko yose y'Imana.*" (Ibyahishuwe 14:12). Itegeko rya kane ryo mu mategeko cumi y'Imana, kandi ni ryo ryonyine abakristo bo mu isi bari kwica ku mugaragaro, ndetse bakigisha n'abandi kuryica. Kuba iki ari ikibazo cy'ingenzi muri ubu butumwa biragaragara muri ubu butumwa kubera yuko gukomeza amategeko, ndetse harimo n'Isabato, ni cyo kintu gitandukanya imbata z'Imana kikazitandukanya n'abaramya inyamaswa bagashyirwaho ikimenyetso cyayo. Nk'uko tuzabibona ahakurikira, iki kimenyetso ni ukuruhuka isabato mpimbano.

Noneho ubwo tumaze kubona muri make ingingo z'ingenzi zigize iyi nsanganyamatsiko, ubu tugeze ku kintu gikomeye kurusha ibindi. Dukurikije urukurikirane rw'ibitekerezo tugezeho, tubona ko uyu murimo uri gusohorera imbere y'amaso yacu. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu buri kubwirizwa. Marayika uzamuka aturutse iburasirazuba ari gukora umurimo we. Ivugurura ku byerekeye Isabato ryaratangiye; kandi rwose ni ukuri, nubwo bisa n'aho biri gukorwa mu ituze, iri vugurura riri gukora umurimo waryo mu isi. Rigenewe kunyeganyeza buri gihugu cyose cyakiriye umucyo w'ubutumwa bwiza, kandi ingaruka yaryo izaba kuzana abantu biteguye ukugaruka kwegereje k'Umukiza, kandi bakaba bashyizweho ikimenyetso kibahesha kuba mu bwami bw'iteka ryose. Gushyirwaho ikimenyetso kw'imbata z'Imana na marayika wavuzwe mu murongo wa 3, ni igihamba cyo kuba indahemuka kwabo mu gukomeza amategeko y'Imana, ari na Yo igaragarira mu itegeko rya kane nk'Umuremyi w'ijuru n'isi, akaba ari na Yo yashyizeho Isabato y'umunsi wa karindwi kugira ngo abantu bajye bibuka uwo murimo ukomeye.

Gufata Imiyaga.—Dusigaje ikindi kibazo kimwe gusa maze tukava kuri iyi mirongo tumazeho umwanya munini cyane. Mbese hari ubwo twaba twarigeze kubona hagati y'amahanga inkubiri zashoboraga kwerekana ugutabaza kwa marayika wazamukaga ngo "ntimubabaze isi, binyuze mu kurekura imiyaga, tutaramara gushyira ikimenyetso ku mbata z'Imana yacu"? Mbese iki kibazo cyaba cyarasubijwe? Dukurikije uko ibintu biteye,

igihe cyashize imiyaga ifashwe, gishobora na cyo kuba kitari igihe cy'amahoro atagira kirogoya. Iki na cyo nticyasubiza ikibazo cy'ubuhanuzi, kubera ko kugira ngo bigaragare ko imiyaga iri gufatwa, hagomba kubaho imivurungano, kwivumbagatanyanya, uburakari, ndetse n'ishyari hagati y'amahanga, ndetse rimwe na rimwe abantu bakigaragambya, nk'uko imiyaga iturumbuka mu kanya gato ikava aho ishuheri ryinshi rifungiraniye kandi riba ryivumbagatanyiriza. Ugusandara kugomba kugenzurwa mu buryo butari bwitezwe. Hanyuma bikagaragarira uwitegereza ibintu akoresheje umucyo w'ubuhanuzi, ko ikiganza cy'Ishoborabyose kibuzza ibintu kuba cyarambitswe ku bintu byivumbagatanyanya byajyaga gutuma habaho imyigaragambyo n'intambara. Ibyo ni byo byaranze ibi bihe byacu. Ibibazo bikomeye bishya kandi bitari byitezwe byagiye bivumbuka, bikaroha isi mu mvurungano usa n'aho utasohokwamo, ndetse bakenda gutangira intambara iteye ubwoba, hanyuma ku buryo butunguranye kandi utamenya ubikoze uwo ari we ibintu bikongera gucwekera. Ahagana ku musozo w'ikinyejana cya 19 habonetse ingero zikomeye kurusha izindi zo guhurirana kw'ibintu nk'ibyo maze habaho guhagarara kw'intambara yendaga guhuza Ubufaransa n'Ubudage mu 1871, intambara yendaga guhuza Uburusiya na Turukiya mu 1878. N'intambara yendaga guhuza Amerika na Esipanye mu 1898.

Hanyuma hagakurikiraho imyaka ibanza y'ikinyejana cya 20, ubwo Intambara ya mbere y'isi yose yayogozaga isi igihe imiyaga ine yemererwaga guhuha ahantu hanini ku isi. Abanditsi benshi bavuze ko iyo ntambara yari Harimagidoni ivugwa mu Byahishuwe. Uko imyaka yagendaga ihita, byasaga n'aho iyi nkongi y'umuriro yari igiye kumaraho abatuye ku isi ntihashigaye umuzi cyangwa ishami. Nyamara mu buryo butunguranye marayika yateye hejuru aravuga ati: "Nimukomeze imiyaga" kuko umurimo wo gushyiraho ikimenyetso wari utararangira neza. Ku italiki ya 11 Ugushyingo 1918, abamarayika bahagaritse imiyaga ntiyakomeza guhuha, maze isi yari irembejwe n'intambara, kandi yihebeshejwe n'ubwoba bw'imyaka ine yo kumeneka kw'amaraso no kwica abantu batagira ingano, yongera kunezezwa n'icyagaragaraga nk'amahoro n'umutekano.

Amasezerano yo guhagarika intambara yaririmbwe nk'aho ari ikimenyetso cyo gutangira kw'igihe cyiza cyane cy'amahoro no kugubwa neza no kugirira abandi neza. None se nyine ntihari habaye intambara kugira ngo babashe guhagarika indi ntambara? Abantu miliyoni nyinshi batekerezaga ko hatazongera kubaho indi ntambara, ngo kubera ko inyokomuntu yari yize isomo ry'icyo intambara ari cyo. Nyamara se ibi ntibishobora kuba byaratewe n'ikiganza cy'Imana cyari kiri gukorera mu byo amahanga akora kugira ngo bishoboke ko harangizwa umurimo ukomeye werekanwe mu murongo wa gatatu w'iki gice, mu magambo ya marayika ngo "kugeza ubwo tuzaba turangiye gushyira ikimenyetso mu ruhanga rw'imbata z'Imana yacu"?

Igihe gitangirira ku masezerano yo guhagarika intambara yo mu 1918 kugeza igihe intambara ya kabiri y'isi yose yari itangiye cyari gihabanye

n'igihe cy'amahoro, kubera ko igitabo gitanga amakuru y'isi cyakoze urutonde rw'amakimbirane yabayeho ageze kuri cumi n'arindwi muri kiriya gihe, yakoraga ku migabane y'isi ine. Inyinshi muri izo ntambara zashoboraga kwagura imbibi zikagera ahantu hagutse cyane. Nyamara igihe cyose isi ifite umutekano muke itangiye gutinya ko amakimbirane yakwira hose, ayo makimbirane arahagarara mu buryo butari bwitezwe. Mbese abamarayika baritambitse kugira ngo amahoro aboneke?

Nyuma yaho mu buryo butunguranye, abamarayika bongeye kurekura ibyo bari bafashe, maze imiyaga ine ihuha mu mbaraga za serwakira mu ntambara yayogoje isi yose yaje kwitwa intambara ya kabiri y'isi yose, maze bidatinze isi hafi ya yose iba yiroshyemo. Iyo urebye urwego rwo gukomera ndetse n'ibyo yangije mu byo inyokomuntu ikunda ndetse ikabiha agaciro, iyi ntambara ya kabiri y'isi yangije bikomeye kurusha iya mbere.

Ntabwo dushobora gusobanukirwa cyangwa gusobanura iyi mihengeri no gutuza kw'izi ntambara ndetse n'amahoro dushingiye ku kindi kintu runaka uretse ku byo Yesu Kristo yahishuye akabiduha binyuze mu muhanuzi Yohana, na we akabyandika muri iyi mirongo iri imbere yacu. Iyo bihuye na gahunda y'Imana ndetse n'imigambi yo kwemerera imiyaga yo guhangana ngo ihuhe, ubwo nibwo kamere muntu itarakozweho n'ubuntu bw'Imana igaragaza ko arakaye. Ariko iyo Imana ivuze ngo "Birahagije", marayika atera hejuru ati "Nimukomeze, nimukomeze, nimukomeze, nimukomeze imiyaga," nuko intambara zigacogora kugira ngo umurimo w'Imana ukomeze. Ni uko bizakomeza kumera kugeza igihe inama y'agakiza izaba igeze ku musozo.

Musomyi nkunda, mbese uhangayikishijwe n'intambara ndetse n'umuvurungano biri hagati y'amahanga? Mbese wifuza kumenya icyo byose bisobanura? Urabona igisubizo mu ishusho igaragazwa n'iyi mirongo. "Isumbabyose ni Yo itegeka ubwami bw'abantu, kandi ibwimikamo uwo ishaka." (Daniyeli 4:32). Mu gihe cyayo yagenye ubwayo, izakuraho "intambara kugeza ku mpera y'isi" Zaburi 46:9.

UMURONGO WA 4 Numva umubare w'abashyizweho ikimenyetso ngo ni agahumbi n'inzovu enye n'ibihumbi bine. Ni bo bashyizweho ikimenyetso bo mu muryango yose y'Abisirayeli. 5 Abo mu muryango wa Yuda bashyizweho ikimenyetso ni inzovu n'ibihumbi bibiri. Abo mu muryango wa Rubeni

ni inzovu n'ibihumbi bibiri. Abo mu muryango wa Gadi ni inzovu n'ibihumbi bibiri. 6 Abo mu muryango wa Asheri ni inzovu n'ibihumbi bibiri. Abo mu muryango wa Nafutali ni inzovu n'ibihumbi bibiri. Abo mu muryango wa Manase ni inzovu n'ibihumbi bibiri. 7 Abo mu muryango wa Simiyoni ni inzovu n'ibihumbi bibiri. Abo mu muryango wa Lewi ni inzovu n'ibihumbi bibiri. Abo mu muryango wa Isakari ni inzovu n'ibihumbi bibiri. 8 Abo mu muryango wa Zebuluni ni inzovu n'ibihumbi bibiri. Abo mu muryango wa Yosefu ni inzovu n'ibihumbi bibiri. Abo mu muryango wa Benyamini ni inzovu n'ibihumbi bibiri.

Umubare w'Abagomba Gushyirwaho Ikimenyetso.—Umubare w'abashyizweho ikimenyetso hano bavuga ko ari ibihumbi ijana na mirongo ine na bine. Tugendeye k'uko ibihumbi cumi na bibiri bishyirwaho ikimenyetso muri buri muryango mu miryango cumi n'ibiri, benshi bibwira yuko uyu murimo ugomba kuba wararangiye mu ntangiriro z'igihe cy'ubukristo, igihe iyi miryango yari ikiriho nk'uko yakabaye. Ntabwo babona uburyo ibyo bishobora guhuzwa n'iki gihe cyacu, mu gihe buri kimenyetso cyose gitandukanya iyi miryango hashize igihe kinini gihanaguweho kandi ku buryo budasubirwaho. Dusanisha abo bantu n'amagambo aboneka mu ntangiriro z'urwandiko rwa Yakobo avuga ati: «Yakobo imbata y'Imana n'Umwami Yesu Kristo ndabandikiye, mwebwe abo mu miryango cumi n'ibiri y'abatatanye ndabatashya. 2 Bene Data, mwemere ko ari iby'ibyishimo rwose nimugubwa gitumo n'ibibagerageza bitari bimwe.» (Yakobo 1: 1,2). Abo Yakobo yandikira hano ni Abakristo kuko abita benedata. Bamwe muri bo bari abantu bahindutse bavuye mu bupagani, abandi bari Abayuda, nyamara bose bari babumbiwe hamwe mu miryango cumi n'ibiri. Mbese ibi bishoboka bite? Pawulo abisobanura mu Baroma 11:17-24. Mu mvugoshusho ishimishije yo kugemekwa intumwa ikoresha aho ngaho, izina rindi rihabwa igiti cya Elayo ni uko gishushanya Isirayeli.

Amwe mu mashami, ari bo bamwe bakomoka kuri Aburahamu ku mubiri, barahanyuwe kuko batizeye Kristo. Binyuze mu kwizera Kristo, amashami y'umunzenze wo ku gasozi, ari yo Banyamahanga, baterwa kuri Elayo aho avoma ibiyatunga, maze imiryango cumi n'ibiri igakomeza kubaho. Aha ni ho tubonera ubusobanuro bw'imvugo yakoreshejwe n'iyi intumwa na none igihe avuga ati: «kuko abakomotse kuri Isirayeli atari bo Bisirayeli bose,» ndetse ngo «ugaragara ko ari Umuyuda atari we Muyuda nyakuri, ... ahubwo umuyuda wo mu mutima, ni we Muyuda.» «Abaroma 9: 6-8; 2:28, 29». Bityo rero ku marembo ya Yerusalemu Nshya (ari ryo Sezerano Rishya, cyangwa Umurwa w'abakristo) tuhabona amazina y'imiryango cumi n'ibiri y'abana ba Isirayeli. Ku mfatiro z'uyu murwa handitsweho amazina y'intumwa cumi n'ibiri z'Umwana w'Intama. (Ibyahishuwe 21:12-14).

Niba imiryango cumi n'ibiri ari iyo mu gihe cy'Abayuda gusa, byari kuba ari ibisanzwe gukurikiza gahunda y'uko amazina yabo akaba ari yo yanditswe ku mfatiro, maze amazina y'intumwa cumi n'ibiri akandikwa ku marembo. Nyamara si ko bimeze; amazina y'imiryango cumi n'ibiri ari ku marembo. Ku bijyanye no kunyura muri aya marembo yanditsweho atyo, abacunguwe bose bazinjiramo banasohoke, bityo abacunguwe bose bazashimirwa nk'abagize iyi miryango cumi n'ibiri, baba bari Abayuda cyangwa abanyamahanga igihe bari bakiri ku isi.

Bizagaragara ko urutonde rw'imiryango ivugwa hano rutandukanye n'urutangwa ahandi hantu. Mu mirongo dufite imbere yacu, Efurayimu na Dani nta barimo, maze Lewi na Yosefu bagashyirwa mu myanya yabo. Abasobanuzi bamwe bavuga ko gukurwamo k'umuryango wa Dani kwatewe

n'uko uwo muryango wari warabaswe no gusenga ibigirwamana. (Reba mu Bacamanza 18). Umuryango wa Lewi ufata umwanya (gakondo) hamwe n'indi miryango, kubera ko muri Kanani yo mu ijuru impamvu zatumaga badahabwa gakondo yabo zitazahaba nk'uko byari bimeze ku isi. Ahari Yosefu asimbura Efurayimu, iryo zina rikaba rigaragara nk'irya koreshejwe ku muryango wa Efurayimu cyangwa uwa Manase. (Kubara 13:11).

Abantu ibuhumbi cumi na bibiri «bo muri» buri muryango mu miryango cumi n'ibiri ni bo bashyizweho ikimenyetso; bishatse kwerekana yuko abanditswe mu bitabo byo mu ijuru bose bafite aho babarirwaga muri iyi miryango igihe umurimo wo gushyiraho ikimenyetso watangiraga, bakaba baratsinze ikigeragezo, kandi ku iherezo bakanesha; kubera ko amazina y'abarangiye kwandikwa mu gitabo cy'ubugingo azahanagurwamo keretse gusa nibaba abaneshi. (Ibyahishuwe 3:5).

UMURONGO WA 9 Hanyuma y'ibyo mbona abantu benshi umuntu atabasha kubara, bo mu mahanga yose n'imiryango yose n'amoko yose n'indimi zose, bahagaze imbere ya ya ntebe n'imbere y'Umwana w'Intama, bambaye ibishura byera kandi bafite amashami y'imikindo mu ntoki zabo, 10 bavuga ijwi rirenga bati "Agakiza ni ak'Imana yacu yicaye ku ntebe n'ak'Umwana w'Intama." 11 Nuko abamarayika bose bari bahagaze bagose ya ntebe na ba bakuru na bya bizima bine, bikubita hasi bubamye imbere y'intebe, baramya Imana bati 12 "Amen, amahirwe n'icyubahiro n'ubwenge n'ishimwe, no guhimbazwa n'ubutware n'imbaraga bibe iby'Imana yacu iteka ryose, Amen."

Ubwo umurimo wo gushyiraho ikimenyetso wari urangiye, Yohana yabonye abantu umuntu atabasha kubara baramya Imana bishimye cyane imbere y'intebe y'ubwami. Nta gushidikanya iri teraniro rinini cyane, ni abakijijwe bo mu mahanga yose, amoko yose, imiryango yose, n'indimi zose bazuwe bakavanwa mu bapfuye igihe cyo kugaruka kwa Kristo, bikaba byerekana ko gushyirwaho ikimenyetso ari umurimo uheruka wakorewe ubwoko bw'Imana mbere y'uko bahindurwa.

UMURONGO WA 13 Umwe muri ba bakuru arambaza ati "Aba bambaye ibishura byera ni bande kandi bavuye he?" 14 Ndamusubiza nti "Mwami wanjye, ni wowe ubizi." Arambwira ati "Aba ni abavuye muri urya mubabaro mwinshi, kandi bameshe ibishura byabo babyejesha amaraso y'Umwana w'Intama. 15 Ni cyo gituma baba imbere y'intebe y'Imana, bakayikorera mu rusengeru rwayo ku manywa na nijoro, kandi icyaye ku ntebe izababambaho ihema ryayo. 16 Ntibazicwa n'inzara ukundi, kandi ntibazicwa n'inyota ukundi kandi izuba ntirizabica cyangwa icyokere cyose, 17 kuko Umwana w'Intama uri hagati y'intebe y'ubwami, azabaragira akabuhira amasoko y'amazi y'ubugingo, kandi Imana izahanagura amarira yose ku maso yabo."

Itsinda Ridasanzwe.—Ibibazo Yohana yabajijwe n'umwe mu bakuru ngo "Aba bambaye ibishura byera ni bande?" Kandi bavuye he?" bifatiwe

hamwe n'igisubizo cya Yohana ngo "Mwami wanjye ni wowe ubizi," bisobanuye ko kuba Yohana atari abizi byasaga n'aho bidasobanutse niba ari bo barengurirwagaho igihe havugwaga iby'abantu benshi umuntu atabasha kubara bari bahagaze imbere ye. Kubera ko Yohana atari azi abo bantu abo ari bo cyangwa ngo amenye aho bari bavuye, cyane ko yari amaze kuvuga ko ari abantu bacunguwe nyine, baturutse mu mahanga yose, mu moko yose, mu miryango yose ndetse n'indimi zose. Yohana yashoboraga gusubiza ati: "Aba ni abantu bacunguwe bavuye mu mahanga yose yo mu isi." Nta rindi tsinda ry'abantu ryari ryerekanwe ku buryo umuntu yarirenguriraho mu buryo bworoshye, uretse itsinda ryari ryavuzweho mu mugabane ubanza w'iki gice, ari bo bantu 144.000. Mu by'ukuri Yohana yari yabonye ari tsinda ry'abantu mbere bagifite imibereho yabo ipfa, igihe bari bakiri gushyirwaho ikimenyetso cy'Imana ihoraho, ubwo ibintu byari bikiri mu bihe by'umuvurungano byo mu minsi iheruka. Ariko noneho hano ubwo bari bahagaze hagati y'iteraniro ry'abacunguwe, impinduka yari yabaye yari nini cyane, kandi uburyo bagaragaragamo noneho bwari butandukanye cyane, ku buryo atashoboraga kubamenya nk'itsinda ridasanzwe ryari ryashyizweho ikimenyetso rikiri mu isi.

Ibirango bikurikira bisa n'aho byakoreshwa kuri iri tsinda mu buryo bw'umwihariko.

Bavuye Muri wa Mubabaro Ukomeye.—Nubwo ari ukuri ku rwego runaka ko Abakristo bose "bakwiriye guca mu makuba menshi niba bashaka kwinjira mu bwami bw'Imana" (Ibyakozwe 14:22), ibi ni ukuri ku bantu ibihumbi 144 mu buryo bw'umwihariko. Banyura mu gihe cy'umubabaro ukomeye utarigeze ubaho kuva amahanga yabaho. (Daniyeli 12:1). Bagira umubabaro wo mu mutima wo mu gihe cy'amakuba ya Yakobo. (Yeremiya 30: 4-7). Bagomba guhagarara badafite Umuhuza bakanyura mu bihe biteye ubwoba by'ibyago birindwi, igihe umujinya w'Imana uzakishurwa mu isi utavangiye nk'uko tubibona mu Byahishuwe 15:16. Banyura mu bihe by'umubabaro birushije ibindi byose gusharira isi yigeze kunyuramo, nubwo ku iherezo bazanesha kandi bagatabarwa.

Bambaye Ibishura Byera.—Bameshe ibishura byabo ndetse babyejesha amaraso y'Umwana w'Intama. Abazaba bariho mu bihe biheruka bagirwa inama ikomeye ku byerekeye kubona umwambaro wera. (Ibyahishuwe 3:5, 18). Abantu ibihumbi 144 banze kwica amategeko y'Imana. (Ibyahishuwe 14:1, 12). Bizagaragara ko bashyize ibyiringiro byabo by'ubugingo mu byiza bazaniwe n'amaraso Umucunguzi wabo wo mu ijuru yasheshe, maze bikamuhindura gukiranuka kwabo. Hari imbaraga idasanzwe iri mu kuvuga ko bameshe ibishura byabo, bakabyejesha amaraso y'Umwana w'Intama.

Bitwa Umuganura.—Umurongo wa 15 werekana umwanya w'icyubahiro barimo mu bwami, no kuba bari hafi y'Imana. Ahandi hantu bitwa "umuganura ku Mana no ku Mwana w'Intama." Ibyahishuwe 14: 4.

Ntibazicwa n'Inzara Ukundi.—Ku murongo wa 16 haravugaga ngo "Ntibazicwa n'inzara ukundi, kandi ntibazicwa n'inyota ukundi." Ibi

byerekana ko hariho igihe bigeze kwicwa n'inzara ndetse bakicwa n'inyota. Mbese ibi byaba birengurira kuki? Kubera ko nta gushidikanya ibi birengurira ku mibereho idasanzwe banyuzemo, mbese ntibyaba birengurira ku kugeragezwa bahuye na ko mu bihe by'amakuba, by'umwihariko mu gihe cy'ibyago birindwi? Muri iki gihe, abakiranutsi bazahabwa umutsima n'amazi, kandi ibyo "bizaba impamo" (Yesaya 33:16), bazabona ibibahagije kugira ngo bakomeze kubaho. Nyamara se, ibyo ntibishobora kuzabaho igihe inzuri, n'imbuto n'ibimera bizaba byumye (Yoweli 1: 18-20), imigezi n'amasoko byahindutse amaraso (Ibyahishuwe 16:4-7), kugira ngo ibyari bibaboheye ku isi bigabanuke, kandi ngo iby'isi bite agaciro, abera bazaba banyura muri ibyo bihe rimwe na rimwe bazanyura mu bihe bizatuma bagera ku rwego rukomeye rwo gusonga no kugira inyota? Ariko nibamara kugera mu bwami, "ntibazicwa n'inzara ukundi, kandi ntibazicwa n'inyota ukundi."

Umuhanuzi arakomeza ati: "Kandi izuba ntirizabica cyangwa icyokere cyose." Abantu ibihumbi ijana na mirongo ine na bine (144.000) babaho mu gihe izuba rizaba ryahawe ububasha "bwo kokesha abantu umuriro" (Ibyahishuwe 16:8,9). Nubwo bakingiwe ngo batagerwaho n'ingaruka zica rizaba rifite ku banyabyaha bari ahabazengurutse, ntidushobora kwibwira yuko ibyumviro by'imibiri yabo bizaba byapfuye ku buryo bazaba badashobora kumva ubushyuhe bwaryo butanejeje. Igihe bazaba bari kwinjira mu mirima y'i Kanani ho mu ijuru, bazategurirwa kunezezwa n'uko Imana ibahamiriza ko izuba ritazagira icyo ribatwara.

Umwana w'Intama Azabayobora.—Ubundi buhamya bwerekeye rya tsinda, kandi bukaba busobanura ibyaryo, ni ubuvuga ngo "Abo ni bo bakurikira Umwana w'Intama aho ajya hose." (Ibyahishuwe 14:4). Izi mvugo zombi zerekana ukugendana n'Imana kwimbitse Umucunguzi Uhiriwe azabaha.

Mu mirongo y'agahozo ikurikira umunyazaburi asa n'urengurira kuri iryo sezerano ngo: "Bazahazwa rwose n'umubyibuho wo mu nzu yawe, kandi uzabuhira ku ruzi w'ibyishimo byawe." (Zaburi 36: 9). Imyubakirwe y'interuro ikubiyemo iri sezerano rihabwa abantu 144.000 iboneka nanone mu buhanuzi bushimishije bwanditswe na Yesaya ahagira hati: "Kandi urupfu azarumira bunguri kugeza iteka ryose. Uwiteka Imana izahanagura amarira ku maso yose, n'igitutsi batuka ubwoko bwayo azagikura ku isi hose. Uwiteka ni we ubivuze." Yesaya 25: 8.

IGICE CYA 8

GUHANGUKA K'UBWAMI BW'ABAROMA

IBYAHISHUWE 8

UMURONGO WA 1 Umwana w'Intama amennye ikimenyetso cya karindwi, mu ijuru habaho ituze nk'igice cy'isaha.

Umurongo wa mbere w'iki gice uvuga ku bintu byo mu gice kikibanziriza. Kubw'ibyo rero ntukwiriye gutandukanywa na byo bitewe gusa n'uko biri mu bice bitandukanye. Urukurikirane rw'ibimenyetso birindwi hano ruvuzwe muri make kandi rugeze ku musozo. Igice cya gatandatu cy'Ibyahishuwe cyashoreje ku bintu biba mu kimenyetso cya gatandatu, noneho igice cya munani kugatangirana no kumena ikimenyetso cya karindwi. Kubw'ibyo rero igice cya karindwi gihagaze hagati y'ikimenyetso cya gatandatu n'icya karindwi nk'ikivuga ibintu by'inyongera, kandi bigaragara ko umurimo wo gushyiraho ikimenyetso uri mu gice cya 7 ari uwo mu kimenyetso cya gatandatu.

Ituza Mu Ijuru.—Ikimenyetso cya gatandatu ntikitugeza ku kugaruka kwa Kristo nubwo gikora ku bintu bisatira uko kugaruka. Kitugeza ku kunyeganyega gukomeye kw'ibiriho, kwasobanuwe nko kuzingwa kw'ijuru nk'uko bazinga umuzingo w'igitabo, kwimuka kw'ibiri ku isi bikava ahantu habyo, n'ukuntu abanyabyaha bavuga ko umunsi w'umujinya w'Imana uje. Nta gushidikanya muri icyo gihe biteze kubona Umwami agarutse mu bwiza. Nyamara ikimenyetso gihagarara gato kuri icyo kintu. Kubw'iyi mpamvu, gutunguka kwa Kristo kugomba gushyirwa mu kimenyetso gikurikiraho.

Igihe Umwami aba agarutse, azana n'abamarayika bera bese. (Matayo 25:31). Igihe abacuranzi b'inanga bese bavuye mu rugo rwo mu ijuru bakaza ku isi bari kumwe n'Umwami Imana ubwo aba amanutse gusarura imbuto z'umurimo we wo gucungura, mbese ubwo mu ijuru ntihaba ituza? Uburebure bw'iryo tuza, nitubupima dukurikije igihe cya gihanuzi, bwangana n'iminsi irindwi.

UMURONGO WA 2 Mbona abamarayika barindwi bahora bahagarara imbere y'Imana bahabwa impanda ndwi.

Uyu murongo utugeza ku rundi rukurikirane rw'ibintu bitandukanye n'ibyanjye kuvugwa. Mu bimenyetso, twabonye amateka y'itorero mu gihe cyitwa icy'Ubukristo. Mu mpanda ndwi noneho tugezeho, noneho tubona ibihe nyamukuru mu bya politiki n'ibikorwa by'intambara bibera mu gihe kimwe.

UMURONGO WA 3 Haza marayika wundi ahagarara ku gicaniro afite icyotero cyacuzwe mu izahabu, ahabwa imibavu myinshi ngo ayongere ku mashengesho y'abera bose, ayishyire ku gicaniro cy'izahabu kiri imbere ya ya ntebe. 4 Umwotsi w'umubavu uva mu kuboko kwa marayika, uzamukana imbere y'Imana n'amashengesho y'abera. 5 Nuko marayika ajyana icyo cyotero acyuzuzwa umuriro wo ku gicaniro akijugunya mu isi, hakurikiraho amajwi avuga n'inkuba zihinda, n'imirabyo n'igishyitsi.

Nyuma yo kuvuga ku bamarayika barindwi biteguye kugira icyo bakora mu murongo wa 2, mu mwanya muto Yohana ayobora ibitekerezo ku kindi kintu gitandukanye rwose n'ibyo yari arimo. Marayika wegera igicaniro ntabwo ari umwe mu bamarayika bafite impanda ndwi. Igicaniro kivugwa aha ni igicaniro cy'imibavu; igicaniro nk'icyabonekaga mu cyumba cy'Ahera mu buturo bwo ku isi. Hano tuhabona ikindi gihamba cy'uko mu ijuru hari ubuturo burimo ibikoresho byose bijyanye n'umurimo ubukorerwamo, ubuturo bwashushanywaga n'ubwari buri ku isi, kandi amayerekwa ya Yohana akaba atwerekeje. Ni muri ubwo buryo twongeye kwerekwa umurimo wo gutamba ukorwa n'abera mu buturo bwo mu ijuru. Nta gushidikanya umurimo wo guhuza abantu b'Imana na Yo mu gihe cy'Ubutumwa bwiza ni wo werekanwa hano. Ibi dusa n'ababishingira k'uko marayika atura umubavu awongeyeho amashengesho y'abera bose. Kuba hano twerekejwe ku iherezo ry'ibihwe na byo ntibishidikanywaho bitewe n'igikorwa cya marayika cyo kuzuzwa icyotero cy'imibavu umuriro maze akakijugunya mu isi. Kugenza atya, aba yerekana ko umurimo we urangiye. Nta yandi masengesho agomba koherezwa mu ijuru avanze n'imibavu. Iki gikorwa shusho gishobora guhuzwa n'igihe Kristo azaba arangije burundu umurimo we yakoreraga ikiremamuntu mu buturo bwo mu ijuru. Igikorwa cya marayika cyakurikiwe n'amajwi, guhinda kw'inkuba, imirabyo, n'igishyitsi—ni impamo koko ibyo bintu bibaho twabibwiwe ahandi ko bibaho ku iherezo ry'igihe cyo kwemerwa kw'umuntu. (Reba mu Byahishuwe 11: 19; 16: 17, 18).

Ariko se ni ukubera iki iyi mirongo yinjijwemo hano? Ni ubutumwa bw'ibyiringiro no guhumurizwa ku itorero. Abamarayika barindwi bafite impanda ndwi zisa n'izisura intambara bari bamaze kwerekanwa. Noneho ibintu biteye ubwoba byari bigiye gukurikiraho igihe zari kuba zitangiye kuvuzwa. Nyamara mbere yuko zitangira, ubwoko bw'Imana bwerekezwa ku kwitegereza umurimo w'ubuhuza ubakorerwa mu ijuru, kandi

bagahanga amaso isoko yo gutabarwa n'imbaraga zabo muri kiriya gihe. Nubwo bajyaga gukozwa hirya no hino n'imiraba y'ibirushya n'intambara, bagombaga kumenya yuko Umutambyi wabo Mukuru akibakorera umurimo mu buturo bwo mu ijuru. Bashoboraga kwerekeza amasengesho yabo aho hantu hera bafite ibyiringiro by'uko ayo masengesho azagezwa kuri Se uri mu ijuru. Muri ubwo buryo, bashoboraga guhabwa imbaraga n'ubufasha mu mibabaro yabo yose.

UMURONGO WA 6 Nuko ba bamarayika barindwi bari bafite impanda ndwi bitegura kuzivuzwa.

Impanda Ndwi.—Insanganyamatsiko y'impanda ndwi isubirwamo. Impanda ziharira imirongo yose isigaye y'iki gice, igafata n'igice cya cyenda cyose. Kuvuzwa kw'impanda zivugijwe n'abamarayika barindwi bibaho ari nko kuzuzwa ubuhanuzi buri mu gitabo cya Daniyeli 2 n'igice cya 7, uhereye ku kwaduka kw'ingoma ya kera y'Abaroma kugeza igihe yari imaze kwigabanyagamo imigabane icumi. Mumpanda enye zibanza, tugaragarizwa ibintu bine bidasanze byabaye maze bikaranga kugwa kw'ingoma y'Abaroma.

UMURONGO WA 7 Uwa mbere avuze impanda. Hakurikiraho urubura n'umuriro bivanze n'amaraso, bijugunywa mu isi. Nuko kimwe cya gatatu cy'isi kirashya, kimwe cya gatatu cy'ibiti na cyo kirashya kandi ibyatsi bibisi byose birashya.

Alegizandere Keith yasobanuye neza ku nsanganyamatsiko y'ubu buhanuzi agira ati:

"Nta muntu n'umwe ushobora gusobanura neza cyane iyi mirongo, cyangwa ngo yagure ubusobanuro bwayo mu buryo bwuzuye, kurenza umurimo wasohojwe na Gibbon. Ibice byanditswe n'abacurabwenge bafite gushidikanya bafata ikibazo mu buryo butaziguye, ariko bagakenera ko imirongo igira ibiyibanziriza, kandi nyine amagambo runaka atera agakurwamo, kugira ngo areme urukurikirane rw'amagambo asomwa mu gice cya 8 n'igice cya 9 by'igitabo cy'Ibyahishuwe na Yesu Kristo."²¹⁴ "Ntacyo abasobanuzi babigize umwuga bashobora gukora, niba hari n'igihari ni akantu gato nko kwerekana impapuro Gibbon yanditse gusa."²¹⁵

Amateka ya mbere akomeye kandi aremereye yageze ku bwami bwa Roma bwo mu burengerazuba igihe bwari mu marembera yo guhanguka, ni intanbara bwarwanye n'Abagoti bari bayobowe na Alaric, uwaje gufungurira amarembo ibindi byaje kugerwaho nyuma. Urupfu rw'umwami w'Abaroma Theodosius rwabayeho mu mwaka wa 395 N. K., kandi mbere y'uko igihe cy'umuhindo kirangira, Abagoti bayobowe na Alaric bari bafashe intwari maze barwanya ubwo bwami.

²¹⁴ Alexander Keith, *Signs of the Times*, Vol. I, p. 241.

²¹⁵ *Ibid.*

Igitero cya mbere cyari kiyobowe na Alaric cyayogoje Ubwami bw'Uburasirazuba. Yafashe imijyi yari izwi cyane maze abaturage bayo abahindura inkoreragahato. Thrace, Makedoniya, Attica na Peloponesus byaratsinzwe, ariko ntiyageze mu mujyi wa Roma. Hanyuma yaho, Umusirikari umwe w'Umugoti wari uyoboye ingabo zimwe yambukiranyije imisozi ya Alps n'ya Apennines, maze arasukira ahateganye n'Umurwa Uhoraho, maze na wo ugwa mu burakari bukaze bw'Ababarubare mu mwaka wa 410 N. K.

"Urubura n'umuriro bivanze n'amaraso" byajugunywe mu isi. Ingaruka zikomeye z'iki gitero cy'Abagoti zishushanywa n'"urubura" rwavuye mu majyaruguru aho abari bateye baturukaga; "umuriro" wavuye ku kurimbura n'ibirimi by'umuriro byakongoye imijyi n'ibyaroye; ndetse "amaraso" akaba yaravuye mu kwicisha inkota abaturage bo muri ubwo bwami bikozwe n'abarwanyirye bari bashize amanga kandi badatinye akaga.

Impanda ya Mbere.—Ijwi ry'impanda ya mbere umuntu yarishyira ahagana mu iherezoye ry'ikinyejana cya kane ugakomeza, kandi iyi mpanda irengurira ku bitero by'Abagoti byayogoje ubwami bwa Roma.

Nyuma yo gusubira mu magambo maremare yo mu gitabo cya Edward Gibbon cyitwa *"Amateka yo gucogora no guhanguka kw'Ingoma y'Abaroma"* (*History of the Decline and the Fall of Roman Empire*) ibice bya XXX—XXXIII, ku byerekeye kwigarurira uturere kw'Abagoti, Alegizandere Keith yerekanye inshamake itangaje y'amagambo y'umuhanga mu by'amateka ashimangira ugusohora k'ubuhanuzi:

"Inyandiko nyinshi zakuwe mu bitabo zerekana neza uburyo Gibbon yanditse mu buryo bugaragara kandi bwiza maze akagura inyandiko ze zo mu mateka y'impanda ya mbere, umugaru wa mbere wayogoje ubutaka bw'ubwami bwa Roma, no guhanguka kwa mbere kwa Roma. Iyo dukoresheje amagambo ye mu busobanuro bwahuranyije, tuba dusomye muri make uko ikibazo cyose giteye: Abagoti bari barafashe intwari igihe ijwi ry'impanda ya mbere ryavugaga, kandi mu gusharira kudasanzwe mu gihe cy'umuhindo, bayoboye amagare yabo yikoreye imizigo hejuru y'uruzi rugari rwari rutwikiriye n'urubura barambuka. Imirima irumbuka yo muri Phocis na Boeotia izimagizwa n'umwuzure w'Ababarubare: abantu b'igitsinagabo barishwe; abagore n'amatungo bavaga mu midugudu yagurumanaga ibirimi by'umuriro bimurirwa ahandi. Ibimenyetso bikomeye kandi by'amaraso by'aho Abagoti bagendaga banyura byashoboraga kugaragara mu buryo bworoshye na nyuma y'imyaka myinshi. Akarere kose ka Attica kangijwe bikabije no kuhagera kwa Alaric. Abaturage bagize amahirwe kurusha abandi b'i Korinto, Argos na Sparta bahise bicwa no kureba inkongi y'umuriro yarimbura imijyi yabo. Mu gihe nk'icyo cy'ubushyuke bwinshi bwatumaga imigezi ikama, Alaric yagabye ibitero ku bwami bw'Uburasirazuba. Umusaza w'i Verona wari wihishe ahantu [ni umusizi witwaga Claudian] ku bw'agahinda yarirye ibiti byo mu gihe cye, byakongorwaga n'inkongi y'umuriro yayogozaga igihugu

cyose [wite ku magambo y'ubuhanuzi ngo "kimwe cya gatatu cy'ibiti kirashya"]; ndetse umwami w'Abaroma ahunga umwami w'Abagoti.

Ishuheri y'uburakari ivuka hagati y'amahanga y'Abadage; uherye ku mpera z'amajyaruguru aho Ababarubare bari bagiye bagasatira amarembo y'umuji wa Roma. Bageze ku ntego yo kurimbura ubwami bw'uburengerazuba. Igicu cyijimye cyari giteranye ku nkengero z'inyanja ya Baltic, cyaturitse inkuba ku nkengero za ruguru z'umugezi wa Danube. Inzuri z'i Gaul, aho amashyamba n'imikumbi byarishirizaga, n'inkengero z'umugezi wa Rhine zari zizengurutse n'amazu meza, n'imirimu ihinze neza, ziremwe ahantu hamahoro kandi hafite ibyo gutunga abantu, hahindutse ubutayu mu kanya gato, hatandukanywaga n'abantu h'ubwigunge hasanzwe gusa n'uko hari hari umusaka ucumbamo umwotsi. Imijyi myinshi yaratotejwe bikabije cyangwa ikarimburwa. Abantu ibihumbi byinshi bishwe bunyamaswa. Ibirimi by'umuriro w'intambara ukongora ibintu wakwiriye ku mugabane munini cyane mu gihugu cya Gaul cyari kigizwe n'intara cumi na zirindwi.

"Alaric yakomeje kuyogozza ibintu agera no mu Butaliyani. Mu gihe cy'imyaka ine Abagoti bayogoye icyo gihugu kandi baragitegeka ntawe ubakoma imbere. Ndetse mu gihe cyo gusahura no gutwika Roma, inzira zo mu muji zari zuzuyemo intumbi; ibirimi by'umuriro byakongoye inyubako nyinshi za Leta n'iz'abantu ku giti cyabo; kandi amatongo y'inzu z'ibwami yakomeje kuguma aho, amara igihe kingana n'ikinyejana n'igice ari ikimenyetso ku rwego rw'igihugu cy'inkongi y'umuriro w'Abagoti."²¹⁶

Nyuma yo gukora iyi nshamake, Keith asaza iyi shusho avuga aya magambo ati:

"Interuro isoza igice cya 33 cy'igitabo cy'Amateka yanditswe na Gibbon, yo ubwayo ni ubusobanuro bugaragara kandi bwumvikana; kubera ko igihe asubiramo ishusho y'iki gihe cyabaye kigufi nyamara kigakorerwamo byinshi, nk'uko twabisomye, yibanda cyane ku bikubiye mu mateka byose no ku mutima w'ubuhanuzi. Nyamara amagambo abanziriza iyo shusho agaragaza, ntabwo ari amagambo adafite ubusobanuro: 'Icyo Leta yari ishishikariye muri rusange muri icyo gihe, kwari ukutihanganira kuzamura abatagatifu n'abahowe imyizerere yabo b'itorero Gatulika bakabashyira ku bicaniro by'ikigirwamana cyitwaga Diana n'ikindi kitwaga Hercules. Ubumwe bw'Ubwami bw'Abaroma bwarasenyutse; abanyabwenge bo muri bwo bacishijwe bugufi bashyirwa mu mukungugu; maze ingabo zitazwi z'Ababarubare, zari zikomotse mu turere tw'urubura two mu majyaruguru, zimika ubwami bwazo bw'intsinzi mu ntara zirusha izindi kuba nziza zo mu Burayi na Afurika.'

"Iri jambo risoza—Afurika—ni ikimenyetso cy'imbuhi cy'ijwi ry'impanda ya kabiri. Ibintu birahinduka uherye ku nkombe z'inyanja ya Baltic ukageza ku nkengero z'amajyepfo y'inyanja ya Mediterane, cyangwa

uhereye mu turere tw'urubura mu majyaruguru ukageza ku mbibi zishyuha cyane za Afurika. Kandi mu mwanya wo kugira ngo umugaru w'urubura ujugunywe mu isi, umusozi munini waka umuriro wajugunywe mu Nyanja.”²¹⁷

UMURONGO WA 8 Nuko marayika wa kabiri avuza impanda. Ikimeze nk'umusozi munini waka umuriro kijugunywa mu nyanja, kimwe cya gatatu cy'inyanja gihinduka amaraso, 9 kimwe cya gatatu cy'ibyaremwe byo mu nyanja bifite ubugingo birapfa, kandi kimwe cya gatatu cy'inkuge kirarimbuka.

Impanda ya Kabiri.— Nyuma y'ubutegetsi bwa Konstantine Ukomeye, ubwami bw'Abaroma bwigabanyijemo ibice bitatu. Aho ni ho amagambo akunda gusubirwamo ngo “kimwe cya gatatu cy'abantu” aba arengurira ku mugabane wa gatatu w'ubwami wari uri mu ngorane. Kwigabanya k'ubwami bwa Roma kwabayeho mu gihe cy'urupfu rwa Konstantine, buhabwa abahungu be batatu ari bo Constantius, Constantine wa II, na Constans. Constantius yari afite igice cy'Uburasirazuba, maze ashyira icyicaro cye i Constantinople, aho hakaba ari umurwa mukuru w'ubwami bwose. Constantine wa II yategetse Ubwongereza, Gaul na Esipanye. Constans atwara Illyricum, Afurika, n'Ubutariyani.

Bigaragara ko ijwi ry'impanda ya kabiri ryisanisha n'igitero cyagabwe kuri Afurika ndetse kikayigarurira, na nyuma yaho kigakomereza mu Butaliyani kiyobowe na Gaiseric (ni we Genseric) wari umwami w'Abavandali. Ahenshi mu hantu yagiye atsinda akahigarurira hari *hegereye amazi*, kandi intsinzi ze zari zimeze “nk'umusozi munini waka umuriro wajugunywe mu nyanja.” Mbese ni iyihe mvugoshusho yindi yari kwerekana neza kurutaho uburyo ingabo zirwanira mu mazi zasekuranye, hakaba umuvurungano no kurimbuka gutewe n'intambara zaberaga ku nkengero z'amazi? Mu gusobanura iyi mpanda, tugomba gushaka ibintu byabayeho byihariye bifite icyo bihuriyeho n'isi y'ubucuruzi. Ikimenyetso gikoreshwa kitwerekeza mu buryo bworoshye ku myivumbagatanyo no kunyeganyezwa. Nta kintu cyashoboraga guhuza n'ubu buhanuzi kitari intambara zikaze zabereye mu nyanja. Niba kuvuza impanda enye za mbere birebana n'ibintu bine bizwi byabayeho byagize uruhare mu guhanguka k'ubwami bw'Abaroma, kandi impanda ya mbere ikaba irengurira ku Bagoti bari bayobowe na Alaric, muri iki, tubonamo mu buryo bworoshye igitero cyakurikiyeho kikanyeganyeza Ubwami bw'Abaroma, ndetse kigatuma buhanguka. Igitero cyakurikiyeho gikomeye ni icyagabwe na Genseric wari uyoboye Abavandali. Umurimo we wageze ku rwego rukomeye hagati y'umwaka wa 428 n'umwaka wa 468. Uyu muyobozi w'Umuvandali yari afite icyicaro cye gikuru muri Afurika. Nyamara, nk'uko Gibbon abivuga, “Kuvumbura no gutsinda ibihugu by'abirabura [muri Afurika], ibyo ... ntibyashoboraga kujijisha ibyifuzo by'umutima wa Genseric. Ibiri amambu yatereye amaso ye hakurya y'inyanja; maze afata icyemezo cyo kubaka

²¹⁷ *Ibid.*, p. 253.

imbaraga za gisirikari zirwanira mu mazi, kandi umwanzuro we urimo gushira amanga yawushyize mu bikorwa mu buryo bukuza amajyambere, afite kwihangana no kudacogora.”²¹⁸ Inshuro nyinshi yagiye agaba ibitero bidateguje aturutse ku cyambu cya Carthage, agakoma mu nkokora ubucuruzi bw'Abaroma, ndetse akagaba ibitero kuri ubwo bwami. Kugira ngo abashe guhangana n'uyu mwami wakoreraga mu mazi, umwami w'ubwami bwa Roma witwaga Majorian yateguye mu buryo buhagije ingabo zirwanira mu mazi.

“Ibiti byo mu misozi ya Apennine byaratemwe; gutegura ingabo no gukorera amato birongera biratangira ahitwa i Ravenna n'i Misenium; Ubutaliyani na Gaul barushanwa gutanga inkunga z'ubushake zo gushyigikira imirimo y'inyungu rusange; maze amato manini y'ubwami arwanira mu mazi agera kuri maganatatu, abasha kwikorera ibintu bihagije, ndetse aherekejwe n'andi mato mato, yegeranirizwa mu cyambu kinini kandi kirinzwe neza cy'ahitwa Carthagenamuri Esipanyeye. ... icyakora Genseric yakize iryo shyamba simusiga ryari rimutegereje, abifashijwemo na bamwe mu bantu be b'inshakura bakaba n'abanyambaraga, bagiriraga ishyamba Shebujja kandi bagahangayikishwa n'uko yagera ku ntsinzi. Bayobowe n'intasi zabo zikorera mu ibanga, baguye gitumo ayo mato atari arinzwe yari atsitswe mu bwigobeko bw'icyambu cya Carthagenamuri Esipanyeye: amenshi muri ayo mato barayarohe, andi barayajyana, andi baratwika, maze imyiteguro yakozwe mu gihe cy'imyaka itatu bayirimbura mu munsu umwe gusa. ...

Ubwami bw'Ubutaliyani, ari ryo zina Ubwami bw'Uburengerazuba bwagiye bufata buhoro buhoro, bwagize ibyago byinshi mu gihe cy'ubutegetsi bwa Ricimer, binyuze mu bitero byo kubangiriza umutungo bagabwagaho n'Abavandali b'abanyazi. Muri buri gihe cy'itumba rya buri mwaka, bapakiraga amato y'intambara yabo ateye ubwoba mu cyambu cya Carthage; maze Genseric ubwe akiborera ibyo bitero bikomeye nubwo yari amaze kugera mu myaka y'iza bukuru. ...

“Inshuro nyinshi Abavandali bagiye batara ibice byegereye inyanja by'igihugu cya Esipanyeye, Liguria, Tuscany, Campania, Lucania, Bruttium, Apulia, Calabria, Venetia, Dalmatia, Epirus, Ubugiriki na Sicily. ...

“Umuvuduko wabo wabashobozaga gutera ubwoba no kugaba ibitero ku bantu bari kure ngo babanyage ibyabo babaga bifuje gutwara. Kandi kubera ko buri gihe babaga bafite umubare uhagije w'amafarashi, iyo babaga bomotse ku butaka bahitaga bazimagiza igihugu cyacitse umugongo bakoresheje ingabo zihuta zirwanira ku mafarashi.”²¹⁹

Kugerageza guheruka kandi kurimo kwiyahura kwagerageje kwambura Genseric ubutware bwe bwo gutegeka inyanja, ni ukwakoze na Leo I

218 Edward Gibbon, *The Decline and Fall of the Roman Empire*, Vol. III, chap. 36, p. 459.

219 *Ibid.*, pp. 481-486.

wamugabyeho igitero mu mwaka wa 468. Gobbon atanga ubuhamya kuri ibyo mu magambo akurikira:

“Umutungo byasabaga wose mu gitero cyagabwaga muri Afurika, icyo byabaga byasabye cyose, cyarishyurwaga; uwo mutungo warazamutse ugera kuri zahabu ingana na kilogarama 59.020(kg), hafi ya miliyoni eshanu n'ibihumbi magana abiri by'amapawundi (ni ukuvuga amadolari y'Abanyamerika akabakaba 7.936.800.000). ... Amato y'intambara yatsutse ku cyambu cy'i Constantinople yerekeje ku cyambu cya Carthage yari 1113, kandi umubare w'abasirikari barwanira mu mazi n'izindi ngabo warengaga ibihumbi 100. ... Ingabo za Heraclius n'amato y'intambara ya Marcellinus byaje biteye ingabo mu bitugu umusirikari wo ku rwego rwa Liyetona. ... Umuyaga wahushye mu buryo bushyigikira imigambi ya Genseric. Yayoboye amato ye y'intambara atwaye ingabo z'intwari kurusha izindi z'Abamore (ni ubwoko bw'abantu bari batuye mu bwami bwo mu majyaruguru ya Afurika) n'Abavandali, babagenda runono inyuma babashoreye, bakurura amato arimo ibintu bishobora gutwika no gukwirakwiza inkongi. Mu mwijima wa nijoro, aya mato yari atwaye ibintu kirimbuzi yarasunitswe asekurana n'amato y'intambara y'ingabo z'Abaroma yari atarinze kandi nta n'ikibi bikangaga, maze bakangukira hejuru kubw'akaga kari kabaguye gitumo. Uburyo amato yari yegeranye kandi acutitse byorohereje umuriro kwihuta, ugenta uhererekanywa ku buryo bwihuse kandi mu bugome butabasha gukumirwa. Urusaku rw'umuyaga, no guturagurika kw'ibirimi by'umuriro; urusaku rw'amajwi anyuranye y'abasirikari n'ingabo zirwanira mu mazi zitari zigishoboye gutanga itegeko cyangwa ngo ziryumvire, byarushijeho kongera ubwoba muri uwo muvurungano wa nijoro. Mu gihe barimo bagerageza kwikiza ngo bave muri ayo mato yashyaga, bityo ngo banabashe kurokora umugabane umwe wayo, amato y'intambara ya Genseric yabagabyeho ibitero arimo ingabo zifite ubutwari kandi zatojwe neza. Ndetse benshi mu Baroma barokokaga umuriro ukongora, baricwaga cyangwa bagafatwa mpiri ari bazima n'ingabo z'Abavandali zari zitsinze urugamba. ... Nyuma yo gutsindwa kw'iki gitero gikomeye, Genseric na none yahindutse umunyagitugu ukorera mu mazi y'inyanja; ku nkengeri z'igihugu cy'Ubutaliyani. Ubugiriki na Aziya byongeye gusubira mu maboko ye maze abiyhimuraho kandi anabisahura umutungo. Tripoli na Sardinia byongeye kumuyoboka ku gahato. Yongeye Silisiya ku mubare w'intara yayoboraga; kandi mbere y'uko apfa akuze bihagije ndetse afite n'icyubahiro, yarebesheje amaso ye guhanguka k'ubwami bw'uburengerazuba.”²²⁰

Ku biyanye n'uruhare rukomeye uyu murwanyu w'intwari wo mu mazi yagize mu guhanguka kwa Roma, Gibbon akoresha iyi mvugo isobanutse ati: “Genseric, ni izina ryamenyekanye mu rwego rumwe n'izina Alaric ndetse na Attila mu gihe cyo guhanguka kw'ingoma y'Abaroma.”²²¹

220 *Ibid.*, pp. 495-498.

221 *Ibid.*, chap. 33, p. 370.

UMURONGO WA 10 Marayika wa gatatu avuza impanda: inyenyeri nini iva mu ijuru iragwa yaka nk'urumuri, igwa kuri kimwe cya gatatu cy'inzuzi n'imigezi no ku masoko. 11 Iyo nyenyeri yitwa Muravumba. Kimwe cya gatatu cy'amazi gihinduka apusinto, abantu benshi bicwa n'ayo mazi kuko yasharirijwe.

Impanda ya Gatatu.—Mu gusobanura uyu murongo no kuwuhuza n'ibyabaye, tugera ku kintu cya gatatu cyabayeho cyagejeje Ubwami bw'Abaroma ku guhanguka burundu. Mu guhishura ugusohora kw'iyi mpanda ya gatatu mu mateka, bizadusaba kwifashisha amagambo yanditswe na Albert Barnes maze dukuremo amagambo make. Mu gusobanura uyu murongo wo mu byanditswe, nk'uko uyu musobanuzi abivuga, ni ingenzi “ko hagomba kuba umuyobozi w'ingabo cyangwa umurwanyu kabuhariwe ushobora kugereranywa n'ikibuye cyaka; wajyaga guhirwa mu rugendo rwe; akaduka atunguranye nk'inyenyeri yaka, kandi akongera kuzimira nk'umucyo w'inyenyeri irohamye mu mazi. Ku buryo urugendo rurimbura rw'icyo kibuye cyaka rwari kubera by'umwihariko mu bice by'isi bifite amasoko y'amazi n'imigezi itemba. Ku buryo ingaruka zari gukurikiraho zari kuba nk'aho iyo migezi n'amasoko byari bihindutse ibisharira, kandi urupfu rugakwira hose mu bihugu biyegereye ndetse bineteshwa na yo.”²²²

Hano hari ibintu umuntu yaheraho akavuga ko iyi mpanda irengurira ku ntambara zirimburira n'ibitero bikaze Attila umwami w'Abahansi yagabye ku butegetsi bw'Abaroma. Igihe Barnes yavugaga ku by'uyu murwanyu, by'umwihariko uburyo we ubwe yagaragaraga, yaravuze ati: “Uburyo yagaragaragamo, yasaga mu buryo bukomeye nk'ibango ry'inyenyeri yakira mu kirere. Yaje aturuka mu burasirazuba ateranyiriza hamwe Abahansi, nuko abasuka ku butaka, nk'uko tuzabibonera mu kwihuta kw'ibango ry'inyenyeri yaka mu kirere, bakiroha ku bwami. Yitekerezaga nk'aho ari umuntu wiyeguriye ikigirwamana cy'intambara cyitwa Marisi, kandi yari afite akamenyero ko kwifata mu buryo bwihariye bwa gihanga, kugira ngo mu mvugo y'abakundaga kumushyeshyenga yigaragaze mu maso y'abamureba nk'urabagirana.”²²³

Mu gihe yavugaga ku hantu ibyahanuwe muri iyi mpanda byagombaga kubera, Barnes yanditse aya magambo:

“Bivugwa mu buryo bw'umwihariko ko ingaruka zari kugera ku 'migezi' no ku 'masoko y'amazi.' Niba ibi bisobanurwa ku buryo busanzwe, cyangwa se nk'uko byatekerezwe ku mpanda ya kabiri, imvugo yakoreshejwe, yari imeze nk'irengurira ku mugabane w'ubwami wajyaga kugerwaho n'ingaruka z'igitero mu buryo bw'umwihariko, bityo rero tukaba dushobora gufata yuko ibi birengurira ku bice by'ubwami byari bituranye n'inzuzi n'imigezi, kandi mu buryo bwihariye bikaba bya bice iyo migezi n'inzuzi byakomokagamo—kubera yuko ingaruka yagumye mu buryo buhoraho mu 'masoko y'amazi.' Ikintu cy'ukuri, ni uko ibitero bikomeye Attala

²²² Albert Barnes, *Notes on Revelation*, p. 239, comment on Revelation 8: 11.

²²³ *Ibid.*

yabigabye mu misozi ya Alps, no kuri umwe mu migabane y'ubwami uturukwamo n'imigezi itemba imanuka mu Butaliyani. Igitero cya Attila gisobanurwa na Gibbon mu mvugo rusange nk'iyi ngo: "Ubugari bw'Uburayi uko bwakabaye, nk'uko bukwiriye ku ntera ingana na Kilometero 8.045(km) uhereye kuri Euxine ukageza kuri Adriatic, Ababarubare ibihumbi cumi bari barangajwe imbere na Attila bahagabye ibitero mu gihe kimwe, barahigarurira, ndetse baraharimbura."²²⁴

Izina ry'Inyenyeri Yitwa Muravumba.—Ijambo "Muravumba" ryerekana ingaruka zisharira. "Aya magambo—afite aho ahuriye ha bugufi n'imirongo ibanziriza uyu, nk'uko utwatuzo twakoreshejwe muri iyi ngeri ya Bibiliya yacu tubyerekana—atwibutsa akanya gato imyitwarire ya Attila, n'ubutindi yateye mu bantu byabaye igikoresho cyo kuzana ubwo butindi, n'ukuntu izina rye ryatumaga abantu bakuka umutima.

"Kurimbura no guhanaguraho' ni amagambo yerekana kurusha ayandi yose amahano Attila yateje abantu. ...

"Attila yirataga yuko ibyatsi bitigeze bimera aho amafarashi ye yabaga yaranyuze. 'Ikiboko cy'Imana' ni izina yari yariyise, maze aryongera mu yandi mazina y'icyubahiro ya cyami yari afite. Yari ikiboko ku banzi be, kandi yari igikuramutima mu isi. Umwami wa Roma y'Uburengerazu ari kumwe n'Umuyobozi mukuru w'inteko ishingamamategeko n'abantu b'i Roma, bagaragazaga ko batifuza kugerwaho n'uburakari bwa Attila baciye bugufi kandi batengurwa. Ndetse igika gisoza cy'igice gisoza amateka ye, gifite umutwe uvuga ngo 'Ibimenyetso byo gucika intege no kurimbuka k'ubutegetsi bw'Abaroma' Izina ry'inyenyeri ryitwa Muravumba."²²⁵

UMURONGO WA 12 Marayika wa kane avuza impanda. Kimwe cya gatatu cy'izuba na kimwe cya gatatu cy'ukwezi, na kimwe cya gatatu cy'inyenyeri bikorwaho, kugira ngo kimwe cya gatatu cyabyo cyijime amanywa atavira kuri kimwe cya gatatu cyayo, n'ijoro ni uko.

Impanda ya Kane.—Dusobanukirwa ko iyi mpanda ishushanya igihe cy'ubutegetsi bwa Odoacer wabaye umutegetsi w'Umubarubare wayoboye Ubutaliyani, ufite aho ahuriye ku buryo bwa bugufi no guhanguka kw'ingoma ya Roma y'Uburengerazuba. Imvugoshusho nk'izuba, ukwezi, n'inyenyeri—kubera yuko nta gushidikanya hano bikoreshejwe nk'ibimenyetso—biragaragara rwose ko byerekana ibihangange bikomeye byo mu butegetsi bwa Roma, abami bayo, abayobozi b'inteko ishingamamategeko, n'abavugizi b'ubwo bwami mu mahanga. Umwami wa nyuma wategetse Roma y'Uburengerazuba ni *Romulus*, uwo bari barise izina ryo kumunegura ngo *Augustulus*, cyangwa "Augustus udashyitse." Roma y'Uburengerazuba yahangutse mu mwaka wa 476 N.K. Nyamara, nubwo izuba rya Roma ryari riri kurenga, ibihangange byo muri ubwo bwami bikaba byaramurikaga urwijiji, abayobozi b'inteko ishingamamategeko

²²⁴ *Ibid.*, p. 240.

²²⁵ Alexander Keith, *Signs of the Times*, Vol. I. pp. 267-269.

n'abavugizi b'ubwami mu mahanga bo bari bagikomeje. Nyamara nyuma yo gucurika no guhindura amahirwe bari bafite mu bya polotiki, byagezaho imimerere y'ubwami bwa kera uko yakabaye irahinduka, maze Roma ubwayo irekeraho kuba umwamikazi w'isi ahubwo ihinduka ubutegetsu bw'agahugu gato gakenye ndetse gatanga umusoro ku Muyobozi w'intara ya Ravenna.

Kuzimira k'Ubwami bwa Roma kwanditsweho na Gibbon mu magambo akurikira:

"Augustulus w'umunyamahirwe make yihindukiye igikoresho cyo kumukoza isoni: yasobanuriye umuyobozi w'inteko ishingira amategeko mu bwami bwe ko agiye kurekura ubutegetsu; maze iyo nteko ishingira amategeko muri icyo gikorwa cyayo cya nyuma cyo kumvira Igikomangoma cy'ubwami bwa Roma, na bo bakomeretsa umwuka w'umudendeko, n'imiterere y'itegekonshinga. Batoye itegeko bumvikanyeho bese, maze bandikira urwandiko umwami Zeno wari umukwe wa Leo akaba ari na we wari waramusimbuye ku ngoma, akaba yari aherutse gusubizwa mu mwanya we nyuma yo kwigomeka kwari kwamaze igihe gito, bamusaba kuza akicara ku ntebe ya cyami i Bizanise. Bihamirije ku mugaragaro ko bitakiri ngombwa cyangwa se ko batacyifuza gufata ikindi gihe cyo kuyobora mu Butaliyani; kubera ko mu bitekerezo byabo umwami utegeka ubwami bwose yari ahagije ngo akwire hose ndetse ngo arinde icyarimwe ubwami bwo mu Burasirazuba ndetse n'ubwo mu Burengerazuba. Mu izina ryabo bwite, no mu izina ry'abaturage, bemeye ko icyicaro cy'ubwami bw'isi yose kivanwa i Roma, kigashyirwa i Constantinople; ndetse bahakana bivuye inyuma ububasha bwo kwihitiramo umuyobozi wabo, ari na cyo kintu rukumbi bari basigaranye mu butware bwari bwarahaye isi yose amategeko ayobora abantu."²²⁶

Keith agira icyo avuga ku guhanguka kwa Roma:

"Ububasha ndetse n'icyubahiro bya Roma nk'ubwayoboraga buri shyamba iryo ari ryo ryose bwazimye. Izina gusa ni ryo Umwamikazi w'isi yasigaranye. Buri kimenyetso cyose cy'ubwami cyarazimye kiza mu murwa w'ubwami. Uwari yarategutse amahanga yicara mu mukungugu, mbese nk'aho ari Babuloni ya kabiri, maze ntihaboneka intebe ya cyami aho abami b'Abakayizari bategekeye. Igikorwa cya nyuma gishimishije cyo kumvira umwami w'Abaroma inama ishingira amategeko yakoze ni ukwemera kwegura k'umwami wa nyuma w'ubwami bw'Uburengerazuba, no kuburizamo igikorwa cyo gushyiraho undi mwami mu Butaliyani. Izuba rya Roma riba ririjimye. ...

Undi muneshi watsinze Ubutaliyani ari we Theodoric w'Umwostrogoti yahise ahaguruka bwangu, ahita yambara ikanzu y'umuhemba ya cyami, atiriwe ajya muri byinshi, maze atangira gutegeka mu butware ahawe n'uko yatsinze urugamba. Abagoti ni bo batangaje ko Theodoric abaye umwami

226 Edward Gibbon, *The Decline and Fall of the Roman Empire*, Vol. III, chap. 36, p. 512.

(ku italiki ya 5 Werurwe 493 N.K). nyamara umwami wo mu Burasirazuba yari agishidikanya kandi abyemera agononwa. Ububasha bw'ubwami bwa Roma, bwari bufite icyicaro gihuriweho na Roma ndetse na Constantinople, cyashoboraga kuba mu Burasirazuba cyangwa mu burengerazuba, ntibwari bugitekerezwa nk'ububarizwa mu Butaliyani, kandi 'kimwe cya gatatu cy'izuba' cyarijimyeye kugeza igihe cyari kitakirasa rwose imirasire idafite imbaraga.

"Nyamara nubwo kimwe cya gatatu cy'izuba cyari cyijimyeye, kandi ububasha bw'ubwami bwa Roma bukaba bwari mu mahenka mu murwa w'Abakayizari, ukwezi n'inyenyeri byari bikiri kwaka, cyangwa se bikinyenyeretsa mu kindi gihe gito mu mugabane w'ubwami bw'Uburengerazuba, yemwe ndetse hagati y'umwijima w'Abagoti. Theodoric ntiyari yarakuyeho abari bahagarariye ubwami mu mahanga ndetse n'inteko ishingamye amategekako [ukwezi n'inyenyeri.] 'Umunyamateka w'Umugoti ashimira abavugizi b'ubwami mu mahanga ba Theodoric nk'ubushorishori bw'ububasha bw'igihe gito no gukomera;—nk'uko ukwezi gutegeka nijoro, nyuma y'uko izuba rirenze. Kandi aho kugira ngo Theodoric ubwe akureho urwo rwego rw'ubuyobozi, yishimiraga ayo mahirwe, maze agakomeza kunezezwa n'ubwiza bw'intebe ya cyami nta kindi yitayeho.'

"Ariko ukurikije gahunda yabo ya gihanuzi, abavugizi b'ubwami mu bindi bihugu n'inteko ishingamye amategekako ya Roma baje kugeraho bagera ku iherezo ryabo, nubwo batahanguwe n'amaboko y'Abavandali cyangwa ay'Abagoti. Impinduramatwara yakurikiyeho mu Butaliyani ni ukugwa mu maboko ya Belisarius, Umujenerali wayoboraga ingabo za Yustiniani, umwami wategekaga Uburasirazuba. Ntibigeze barekera ubuzima abo Ababarubare bari barahaye icyubahiro. Amagambo ngo: '*Urwego rw'ubuvugizi bw'ubwami mu mahanga rwakuweho na Yustiniani mu mwaka wa 541 N.K.*' ni amagambo agize umutwe w'igika giheruka cy'igice cya mirongo ine cy'igitabo cyanditswe na Gibbon cyitwa *Amateka yo Gucogora no Guhanguka kwa Roma*. 'Gutera abasimbura abagize urwego rw'abavugizi b'ubwami mu mahanga amaherezo byaje kugeraho birahagarara mu mwaka wa cumi n'itanu wo ku ngoma ya Yustiniani wari ufite kamere yo gutegekeshya igitugu, ikaba yarajyaga kunezezwa n'uko acecekesheje rwose izina ry'icyubahiro ryavugiraga Abaroma ngo bakomeze kugira umudendeko bari barahoranye kera. Kimwe cya gatatu cy'izuba cyarijimyeye, na kimwe cya gatatu cy'ukwezi kirijima, na kimwe cya gatatu cy'inyenyeri kirijima. Mu kirere cy'ibya politiki byo mu isi ya kera, mu gihe cy'ubwami bw'Abaroma, urwego rw'ubwami, urwego rw'ubuvugizi bw'ubwami mu mahanga, inteko ishingamye amategekako, izo nzego zose zamurikaga nk'izuba, ukwezi n'inyenyeri. Amateka yo gucogora no kugwa kwazo araza akageza igihe inzego ebyiri zibanza zo muri zo zaviriyeho 'zikazimira' uzisanishije na Roma n'Ubutaliyani; zikaba zari zimaze igihe ziri mu mwanya wa mbere mu mijyi no mu mahanga. Ndetse ku iherezo, igihe impanda ya kane yari irangiye, tubona 'kuzimira kw'Inama

y'ikimenyabose kandi yari ikunzwe' ari rwo rwego rw'inteko ishingamategako. Umurwa wategakaga isi yose, nk'aho byakabaye kunegura ugukomera kw'abantu, watsinzwe n'inkone yitwa Narses wasimbuye Belisarius. Yatsinze Abagoti (muri 552 N.K.²²⁷), 'yatsinze Roma,' maze urwego rw'inteko ishingamategako rushyirwaho iherezo."²²⁸

Uwitwa E. B. Elliott avuga ku gusohora k'uyu mugabane w'ubu buhanuzi mu kuvaho k'Ubwami bw'Uburengerazuba, mu magambo akurikira:

"Uko ni ko iherezo riteye ubwoba ryarimo ritegurwa, iryari gutuma abami b'Uburengerazuba bazimira n'ubwami bwabo ntibwongere kubaho. Icyubahiro cya Roma cyari kimaze igihe kiyivuyeho; intara zayo zari zaragiye ziyivanwaho umusubizo. Intara zari zigifatanye na yo zihinduka nk'ubutayu; ibice bwari bufite bikora ku nyanja ndetse n'amato y'intambara n'ubucuruzi bwakorerwaga mu nyanja biburizwamo. Hasigaye ubusabusa keretse gusa amazina y'icyubahiro adafite icyo amaze n'ikimenyetso bwari bwambaye cy'uko ari ubwami. Kandi noneho igihe cyari kigeze ngo n'ibyo na byo bubyamburwe. Imyaka igera kuri 20 cyangwa irengaho gato uherye ku rupfu rwa Attila, icyakora na none mbere y'uko Genseric apfa (wa wundi warinze ageza ku gupfa agitera kandi akayogoza umurwa uhoraho, akoresheje ibitero byo mu mazi bigamije gusahura, bityo akarushaho kubutegurira guhanguka), mvuga ko ahagana muri icyo gihe, Odoacer wari umuyobozi w'Abaheruli—Umubarubare wari warasigaye wo mu ngabo zikomeye za Attila, wari wasigaye ku nkengero z'imisozi ya Alps yo mu Butaliyani—binyuze mu itegeko yari ashyizeho, yaritambitse kugira ngo izina ndetse n'urwego rw'Ubwami bwa Roma bwo mu Burengerazuba bivanweho. Abatware bakomeye bamwikubise imbere baramuhendahenda. Umwami wa nyuma wategetse nka baringa, yitwaga *Romulus Augustus*, wari witezweho mu buryo budasanze kuzana itandukaniro imbere y'icyubahiro Roma yahoranye n'igisuzuguriro yari ifite muri icyo gihe—yamanitse amaboko; ndetse inteko ishingamategako yohereza ikimenyetso cy'ubwami i Constantinople, babwira umwami wategakaga Uburasirazuba ko uwo mwami ahagije ngo ategeke ubwami bwose uko bwakabaye (Uburasirazuba n'Uburengerazuba). Ni muri ubwo buryo izuba ry'ubwami bwa Roma, (cya kimwe cya gatatu cyarenguriraga ku Bwami bw'Uburengerazuba) ryatwikiriwe n'igicu maze ntirongera kurasa ukundi. Mvuga yuko kimwe cya gatatu cy'umuzenguruko waryo cyarenguriraga ku Bwami bw'Uburengerazuba; kubera ko uwo mugabane uvugwa n'igitabo cy'Ibyahishuwe ukwiriye rwose. Mu bwumvikane bwakozwe ubuheruka hagati y'ubwo bwami bubiri, kimwe cya gatatu cyose cy'Abiliriyani cyahawe abo mu mugabane w'Uburasirazuba. Bityo, mu Burengerazuba, kuzimira k'ubwami kuba kurabaye; ijoro riba riraguye.

227 Edward Gibbon mu gitabo cye "*History of the Decline of the Roman Empire*," Vol. IV, chap. 43, pp. 273, 274, ashyira gutsindwa n'urupfu bya Teisa, umwami wa nyuma w'Abagoti, mu mwaka wa 553 N.K. Iyi ni italiki ubusanzwe yemerwa n'abanditsi b'amateka, kandi ni nayo ikoresheya n'umwanditsi w'iki gitabo. [Abatunganyije Inyandiko]

228 Alexander Keith, *Signs of the Times*, Vol. I, pp. 280-283.

Nubwo byari bimeze bitya, bigomba kuguma mu bitekerezo ko ubutware bw'izina ry'Abaroma butari bwahagaze burundu. Inteko ishingamategako ya Roma yakomeje guterana nk'uko bisanzwe. Abavugizi b'ubwami mu bindi bihugu bashyirwagaho buri mwaka, umwe agashyirwaho n'umwami wo mu Burasirazuba, undi agashyirwaho n'Ubutaliyani na Roma. Odoacer ubwe yategukaga Ubutaliyani afite izina ry'ubwami (rya *Patrician*: risobanura umunyacyubahiro cyangwa *imfura* y'ibwami) yari yarahawe n'umwami w'Uburasirazuba. Kandi kubera ko yafatwaga nk'uri mu ntara za kure zo mu Burengerazuba, cyangwa nibura uturere turuta utundi two muri zo, ari na wo murunga wazihuzaga n'Ubwami bwa Roma, ntabwo wari waciye. Ubutware bwa cyami bwaho bw'ikirenga bwari bucyemerwa nubwo bwacumbagiraga. Ukwezi n'inyenyeri byashoboraga gusa n'aho bikirasa mu Burengerazuba bifite umucyo urimo urwijiji. Nyamara, uko ibintu byakomezaga kuja mbere, bigenda bikurikirana mu buryo bwihuse mu gice cya kabiri cy'ikinyejana, ibyo na byo byaje kugeraho birazimira. Umwostrogoti witwa Theodoric igihe yarimbura Abaheruli n'ubwami bwabo i Roma n'i Ravenna, yategutse mu Butaliyani guhera mu mwaka wa 493 ukageza muri 526 N.K. nk'umwami wigenga. Kandi igihe Belisarius na Narses batsindaga Ubutaliyani bakabuvana mu maboko y'Abostrogoti (iyi ni intsinzi yabanjirijwe n'intambara no kurimbura kwasize Ubutaliyani n'umujyi wubatswe ku misozi irindwi wavuzwe haruguru bimeze nk'ubutayu mu gihe runaka), inteko ishingamategako yarasheshwe, urwego rw'ubuvugizi bw'ubwami mu mahanga rukurwaho. Ikindi cyiyongereyeho, ku bijyanye n'intara z'Uburengerazuba zayoborwaga n'abami b'Ababarubare, kwigenga kwazo ntiziyoborwe n'Ububasha bwa Roma, kwarushijeho gusobanuka no gushimangirwa. Nyuma y'inyaka irenga ijana na mirongo itanu y'icyorezo gisa n'ikitagereranywa, nk'uko Dr Robertson abyerekana neza, mu mateka y'amahanga, amagambo yavuzwe na Jerome,—amagambo yanditswe mu buryo budasanzwe hakoreshejwe imvugo y'ayo magambo nk'uko ikoreshwa mu Byahishuwe, nyamara bikaba byari byatangajwe igihe kitaragera igihe Roma yafatwaga na Alaric ku nshuro ya mbere—ashobora gufatwa ku rwego rurambuya nk'ayashoye ngo: '*Clarissimum terrarium lumen extinctum est*,' bisobanura ngo '*Izuba ry'icyubahiro cyinshi cy'isi rirazimye*,' cyangwa se nk'uko umusizi wo muri iki gihe yabivuze, na we kandi yakoresheje imvugoshusho ibonaka mu Byahishuwe ngo—

'Bwabonye inyenyeri y'ubwiza, nyamara inyenyeri yaje kuzimira'

kugeza igihe nta nyenyeri n'imwe yari igisigaye, ngo inyenyeze mu kirere kirimu ubusa kandi cyuzuye umwijima w'ijoro."²²⁹

Ukuyogoza igihugu guteye ubwoba kwakozwe n'Ababarubare benshi cyane bari bayobowe n'abayobozi bashize amanga ariko na none b'Abicanyi bakaba n'ibiharamagara bateye Roma maze bakayiyogoza, bagaragazwa neza muri iyi yandikishijwe n'umwuka igira iti:

229 Edward B. Elliott, *Horae Apocalypticæ*, Vol. I, pp. 354-356.

Maze umwuzure w'uburakari uraza,
 Nuko amahanga anyeganyezwa n'ubwoba;
 Bukwira mu isi yose, kugeza igihe imirima yaho yuzuriyemo ibirimi by'umuriro
 Irunzemo ibirundo by'intumbi.
 Abami barakuruwe barundwa nk'ibirundo by'isuri,
 Barundwa hamwe na rubanda rwa giseseka n'imbata zisutamyeye,
 Baryamishwa hamwe mu kiziba cy'amaraso,
 Ibigwari n'abanyambaraga bose bafashwe kimwe."

Nubwo amahano yageze ku bwami azanywe n'igitero cya mbere cy'aba Babarubare yari ateye ubwoba, yari yoroshye uyagereranyije n'andi mahano yendaga gukurikiraho. Yari ameze gusa nk'ibitonyanga bike bibanziriza imvura y'umugaru yendaga kugwa mu bihugu byayoborwaga n'ubwami bwa Roma. Impanda eshatu zisigaye zitwikiriwe n'igicu cy'amahano, nk'uko byerekanwa n'imirongo ikurikira:

UMURONGO WA 13 Ndareba numva ikizu kiguruka kiringaniye ijuru kivuga ijwi rirenga kiti "Ni ishyano, ni ishyano, ni ishyano rizabonwa n'abari mu isi ku bw'ayandi majwi y'impanda z'abamarayika batatu zigiye kuvuzwa."

Ntabwo uyu marayika ari uwo muri ba bamarayika barindwi bafite impanda, ahubwo ni indi ntumwa yo mu ijuru itangaza ko impanda eshatu zisigaye ari impanda zirimo amahano, kubera ko ibintu bibaho iyo zivugijwe birushijeho kuba biteye ubwoba. Bityo impanda ikurikiraho, cyangwa se impanda ya gatanu, ni ishyano rya mbere; impanda ya gatandatu ni ishyano rya kabiri; naho impanda ya karindwi, ari na yo ya nyuma muri uru rukurikirane rw'impanda, ikaba ishyano rya gatatu.

ABIYISILAMU MU BUHANUZI

Ibyahishuwe 9

UMURONGO WA 1 Marayika wa gatanu avuza impanda. Mbona inyenyeri iguye mu isi ivuye mu ijuru, ihabwa urufunguzo rwo gufungura urwobo rw'ikuzimu.

Impanda ya Mbere.—Kugira ngo dusobanure iby'iyi mpanda, tuzifashisha na none inyandiko za Alegizandere Keith. Uyu mwanditsi aravuga ati:

«Ni inshuro nkeya wasanga abasobanuzi bavuga mu buryo bumwe ku mugabane runaka wo mu gitabo cy'Ibyahishuwe ku byerekeranye no guhuza impanda ya gatanu n'Impanda ya gatandatu, cyangwa ishyano rya mbere n'irya kabiri, babihuza n'Abasaraseni (Abisilamu) n'Abanyaturukiya. Biragaragara cyane ko bishobora kumvikana nabi inshuro nkeya. Aho gufata umurongo umwe cyangwa ibiri buri wose muri yo ushaka kwerekana igice cya cyenda cyose cy'Ibyahishuwe, mu migabane ingana, ashishikazwa no kuyerekana yombi.

“Ubwami bwa Roma bwarahangutse, nk'uko bwari bwahagurutse binyuze mu gutsinda ibihugu. Nyamara Abasaraseni n'Abanyaturukiya babaye ibikoresho byakoreshejwe n'iyobokamana ry'ikinyoma, maze bahinduka ikiboko gihana itorerwa ryahakanye. Bityo, aho kugira ngo impanda ya gatanu n'iya gatandatu zitwe ayo mazina gusa nk'uko byari bimeze ku mpanda zazibanjirije, izi zo ziswe amahano. ...

“Constantinople yaratewe iragotwa ku nshuro ya mbere nyuma y'uko Kosirosi (Chosroes) wa II, umwami w'igihugu cy'Ubuperesi ahangura ingoma yo mu Burengerazuba.”²³⁰

Umuhanuzi yaravuze ati: «Mbona inyenyeri iguye mu isi ivuye mu ijuru, ihabwa urufunguzo rwo gufungura urwobo rw'ikuzimu.» Umwanditsi w'amateka agira icyo yandika ku byerekeranye n'iki gihe agira ati:

230 Alexander Keith, *Signs of the Times*, Vol. I. pp. 289, 291.

“Mu gihe umwami w’Ubuperesi [Kosirosi wa II] yitegerezaga ibitangaje byo mu buhanga bwe n’ubushobozi bwe, yakiriye urwandiko ruvuye ku muturage w’i Maka [Mecca] utazwi neza, urwo rwandiko rwamurarikiraga kwemera ko Muhamadi (Mahomet) ari intumwa y’Imana. Yanze iryo rarika, maze ashwanyura urwo rwandiko. Nuko umuhanuzi w’Umwarabu atera hejuru ati: “Uko ni ko Imana izashwanyura ubwami, ndetse ikanga kwinginga kwa Kosirosi.” Yihagarariye ku nkengero z’ubwami bubiri bukomeye bwo mu Burasirazuba, afite umunezero wihishe mu mutima, Muhamadi yitegerezaga amajyambere y’ukuntu ubwo bwami bwagendaga burimburana; maze igihe kunesha kw’Abaperesi kwari kugeze hagati, atinyuka guhanura ko hatazashira imyaka myinshi intsinzi itaragarukira inkota z’Abaroma. Igihe ubu buhanuzi buvugwa ko bwari bumaze gutangwa, nta buhanuzi bwashoboraga kuja kure y’igihe bwagombaga gusohorezwamo, kubera ko imyaka cumi n’ibiri ibanza y’ubutegetsi bwa Heraclius yerekanaga ko guseniyuka k’ubwami kwegereje.”²³¹

Ntabwo ari agace gato k’ubutaka *iyi* nyenyeri yaguyeho, nk’uko byagenze ku nyenyeri yashushanyaga Attila, ahubwo *yaguye ku isi*.

Intara z’ubwami zari ziri muri Aziya no muri Afurika zose zigaruriwe na Kosirosi wa II, maze ubwami bwa Roma buragabanuka busigara bugarukiye aho inkike za Constantinople zigarukira, hiyongereyeho umugabane wasigaye w’Ubuguriki, Ubutaliyani, na Afurika, kimwe n’imijyi imwe yari ituriye inyanja, uherye mu gihugu cya Tiro ukageza i Tribizond ho ku nkengero za Aziya. ... Ubunararibonye bw’igihe kireshya n’imyaka itandatu bwatumye uyu mwami w’Umuperesi yirara areka gutera Constantinople ngo ayigarurire, ndetse abatega kuja batanga ikoro buri mwaka, cyangwa se ikiguzi cyo gucungura ubwami bwa Roma kingana n’italanto 1000 za zahabu, italanto 1000 z’ifeza, amakanzu 1000 adozwe mu budodo bwiza cyane, amafarashi 1000, n’abakobwa 1000 b’amasugi. Heraclius yemeye gutanga ibyo biguzi by’urukozasoni; nyamara igihe n’umwanya yahawe ngo awukoreshe ashaka ubwo butunzi mu bukene bwari bwugariye ubwami bw’Uburasirazuba, yagikoresheje mu gutegurana ubwitonzi no guhara amagara igitero gikomeye.”²³²

“Umwami w’Ubuperesi yasuzuguye uwo Musaraseni (Umwisilamu w’Umwarabu) wasaga n’utagaragara, ndetse ntiyita no ku butumwa bw’uwari wigize umuhanuzi w’i Maka. Yemwe ndetse no guhirika ubutegetsi bw’Ubwami bwa Roma ntibyari gushobora gufungurira imiryango abambari ba Muhamadi, cyangwa se ngo bitume habaho gutera imbere kw’ingabo z’Abarabu n’Abayisilamu bagendaga bakwiza inkuru z’ibinyoma ngo barenge umutaru, nubwo umwami w’Abaperesi na Chagan w’Abavari (uwasimbuye Attila) bari barigabanyije ibisigara by’ubwami bwa ba Kayizari. Kosirosi ubwe yaraguye. Abaperesi n’abami b’Abaroma bararwanye ingufu zabo zirashira ku mpande zombi. Maze mbere yuko inkota ishyirwa

231 Edward Gibbon, *The Decline and Fall of the Roman Empire*, Vol. IV, chap. 46, pp. 463, 464.

232 *Ibid.*, p. 466.

mu biganza by'umuhanuzi w'ibinyoma, yari yabanje gukurwa mu biganza by'abajyaga kumukoma mu nkokora kandi bakamenagura imbaraga ze."²³³

"Uhereye mu gihe cya Scipio na Hannibal, nta kindi gikorwa cyo kwihandagaza cyigeze kigeragezwa kirusha imbaraga icyo Heraclius yateguye agatabara ubwami. Yambukiranyije inzira zigoye zanyuraga mu Nyanja y'Umukara no mu misozi ya Arumeniya, yinjira mu Buperesi rwagati, nuko ahuriza ingabo z'umwami ukomeye kugira ngo zirengere igihugu cyabo cyari kiri kumenekamo amaraso. ...

"Mu rugamba rwabereye i Niniwe rwarwanywe mu buryo buteye ubwoba uhereye mu gitondo cya kare ukageza ku isaha ya saa tanu, Abaperesi bambuwe amabendera makumyabiri n'umunani utabariyemo ayavunitse n'abashwanyaguritse; kandi umugabane munini w'ingabo zabo waratemaguwe, noneho ku ruhande rw'ababatsinze, babashije guhisha umubare w'ingabo batakaje, bamara iryo joro ryose ahari habereye urugamba. ... Imijyi n'ingoro z'ibwami z'igihugu cya Asiriya byakinguriwe ku nshuro ya mbere Abaroma ngo babyinjiremo."²³⁴

Umwami wa Roma ntiyasubijwemo intege n'uko yari atsinze urugamba; maze hategurwa uburyo muri icyo gihe, bakoresheje uburyo nk'ubwa mbere kubera yuko umubare munini cyane w'Abaseraseni [Abayisilamu] baturukaga muri Arabiya, bari bameze nk'inziye zivuye muri ako karere, bagendaga bakwirakwiza inyigisho zabo zirimo umwijima kandi ziyobya z'indangamyizerere ya Muhamadi, maze bakwirakwira mu buryo bwihuse mu bwami bwose bw'Ubuperesi no mu bwami bwa Roma. Ishusho yuzuye igaragaza neza ukuri kw'iki kintu nta handi yaboneka haruta itangwa mu magambo asozza iki gice [yavanwe mu gitabo cyanditswe na Gibbon], ari na cyo cyavanwemo amagambo yabanjirije aya ngaya."²³⁵

"Nubwo ingabo zatsinze urugamba zari zateguwe hakurikijwe urugero rwa Heraclius, umwete udasanzwe bakoresheje ugaragara nk'uwamaze imbaraga zabo aho kugira ngo utume bazikoreshe neza. Nubwo umwami yatsinze urugamba i Constantinople cyangwa i Yerusalemu, umujyi utagaragara wari ku ngabano za Siriya wasahuwe n'Abasarasene, ndetse batemagura ingabo zimwe zari zagerageje gutera intambwe ziwujemo ngo ziwutabare, ibintu byari bisanzwe bibaho kandi bikaba bitari ibintu bikomeye, iyo bitaza kuba intangiriro y'impinduramatwara yo ku rwego rukomeye cyane. Abo basahuzi bari intumwa za Muhamadi; kandi abarwanyu bari babashyigikiye bateraga bavuye mu butayu; kandi mu myaka umunani iheruka ubwami bwe, Heraclius yatakaje intara yari yaravanye mu maboko y'Abaperesi maze zigarurirwa n'Abarabu."²³⁶

"Umwuka w'uburiganya n'umwete mwinshi utari ufite inkomoko mu ijuru' warekuriwe mu isi. Urwobo rutagira indiba rwari rukeneye

233 Alexander Keith, *Signs of the Times*, Vol. I, pp. 289, 291.

234 Edward Gibbon, *The Decline and Fall of the Roman Empire*, Vol. IV, chap. 46, pp. 470-480.

235 Alexander Keith, *Signs of the Times*, Vol. I, p. 295.

236 Edward Gibbon, *The Decline and Fall of the Roman Empire*, Vol. IV, chap. 46, p. 486.

urufunguzo kugira ngo rukingurwe, *kandi urwo rufunguzo kwari ukugwa kwa Kosirosi*. Yari yashwanyuranye agasuzuguro urwandiko rw'umuturage utazwi w'i Maka. Nyamara igihe yarohamaga mu 'munara w'umwijima' utari gucengerwamo n'ijisho ry'umuntu uwo ari we wese, ahubutse mu 'cyubahiro cye kirabagirana', mu buryo butunguranye, izina rya Kosirosi ryazimiriyeye mu bitotsi by'urupfu imbere y'irya Muhamadi; ndetse urwobo rwari rutegereje ko ruzamurwa kugeza ku kugwa kw'inyenyeri. Nyuma yuko Kosirosi ata umutwe burundu ndetse akazimiza ubwami, yaje kwicwa mu mwaka wa 628; ndetse umwaka wa 629 waranzwe no 'kwigarurirwa kw'igihugu cya Arabia' ndetse n'intambara ya mbere y'abambari ba Muhamadi barwanya Ubwami bwa Roma. 'Marayika wa gatanu avuza impanda. Mbona inyenyeri iguye mu isi ivuye mu ijuru, ihabwa urufunguzo rwo gufungura urwobo rw'ikuzimu.' *Yaguye mu isi*. Igihe imbaraga z'ubwami bw'Abaroma zari zishize rwose, kandi umwami ukomeye wo mu Burasirazuba akaba yari arambaraye mu munara w'umwijima yapfuye, gusahurwa k'umujyi utari uzwi cyane wo ku ngabano za Siriya ryari itangiriro ry'impinduramatwara ikomeye cyane. Abo basahuzi bari intumwa za Muhamadi, kandi abarwanyari bari babashyigikiye bateraga bavuye mu butayu.²³⁷

Urwobo rw'Ikuzimu.—Ubusobanuro bw'iri jambo bushobora kumenyekana umuntu aramutse yize ijambo ry'ikigiriki '*abyssos*' risobanurwa ko ari «ikintu kimanuka hasi cyane, kidafite indiba, kimanuka hasi,» kandi rishobora gusobanura ikintu cy'umwanda, umusaka, cyangwa ahantu hadahingwa. Rikoreshe bashaka kwerekana uko isi yari imeze igitangira kuremwa idafite ishusho. (Itangiriro 1:2). Muri uru rugero, urwobo rw'ikuzimu rushobora kuba rurengurira ku hantu hatari hazwi, hatakoreshwaga ho mu butayu bwa Arabiya, ku nkengero aho Abasarasene (Abisiramumu b'Abarabu) bateye baturutse bameze nk'amarumbo y'inzige. Kugwa k'umwami w'Umuperesi Kosirosi wa II kwashushanywa no gufungurwa k'urwobo rw'ikuzimu, kubera ko kwateguriye inzira abayobokeye ba Muhamadi maze bagasohoka mu bihugu bitari bizwi maze bagakwirakwiza inyigisho z'ibinyoma ziherekejwe n'umuriro n'inkota kugeza igihe bakwirakwije umwijima mu Bwami bw'Uburasirazuba bwose.

UMURONGO WA 2 Ifungura urwobo rw'ikuzimu ruvamo umwotsi ucumba nk'uw'itanura rinini, izuba n'ikirere byijimishwa n'umwotsi wo muri urwo rwobo.

"Nk'uko umuyaga (by'umwihariko umuyaga uhaha uva mu burengerazuba bw'amajyepfo), ujyana ubumara ndetse n'urwokotsi rwica, bigakwira muri Arabiya, ni ko n'abambali ba Muhamadi bakwirakwiriye baturutse aho hantu, bafite imbaraga imeze nk'icyorezo cya mugiga—bagahaguruka mu buryo butunguranye kandi bagakwira ahantu hanini nk'umwotsi w'itanura rikomeye uva mu rwobo. Iki ni cyo kimenyetso gikwiriye kwerekana idini ya Muhamadi uko iteye ubwayo, cyangwa se

237 Alexander Keith, *Signs of the Times*, Vol. I. p. 298.

uyigereranyije n'umucyo uboneye w'ubutumwa bwiza bwa Yesu. Ntabwo yari imeze nk'iyi ya Yesu, umucyo wavuye mu ijuru, ariko umwotsi wo wavuye mu rwobo rw'ikuzimu."²³⁸

UMURONGO WA 3 Mu mwotsi havamo inzige zijya mu isi, zihabwa ubushobozi bwo gukora ibyo sikorupiyo zo mu isi zibasha gukora.

"Idini y'ikinyoma yarashinzwe, nubwo yari ikiboko cyo gukiranirwa no gusenga ibigirwamana; iyi dini yujuje umwijima n'ubuyobe mu isi; kandi amarumbo y'Abasaraseni, ameze nk'amarumbo y'inzige, yazimagije isi, kandi kuyogoza kwayo gukwira mu buryo bwihuse mu Bwami bw'Abaroma uhereye mu burasirazuba ukageza mu burengerazuba. Urubura rwamanutse ruva ku nkengero z'ubukonje z'inyanja ya Baltic; umusozi ugurumana umuriro uhubukira mu Nyanja uvuye muri Afurika; noneho inzige na zo (ikimenyetso nyacyo gishushanya Abarabu) zituruka muri Arabiya, ari nayo kavukire yabo. Baje ari abarimbuzi, bakwirakwiza imyizerere mishya, nuko bakangurira abantu kwiroha mu busahuzi n'urugomo bagamije inyungu zabo n'impamvu zishingiye ku idini."²³⁹

"Haracyari urundi rugero rwiheriye rushobora gutangwa rw'imbaraga nk'iza sikorupiyo, izo nzige zahawe. Ntabwo igitero cyabo cyihutaga kandi ngo kube gifite imbaraga gusa, ahubwo uburyo biyumvagamwo ko bagomba guhabwa icyubahiro, bagatinya gutukwa kuruta ko batinya gukomereka, byongeraga imbaraga ku bumara bwica bw'intonganya z'Abarabu; aho igikorwa cy'urukozasoni, n'ijambo ry'agasuzuguro ryagombaga kwiturwa kumeneka kw'amaraso y'uwoze atyo; kandi icyo ni cyo cyatumaga bashikama bagategereza bihanganye amezi menshi n'imyaka uburyo bwo kwihimura."²⁴⁰

UMURONGO WA 4 Ariko zitegekwa kutagira icyo zitwara ibyatsi byo mu isi, cyangwa ikintu cyose kibisi cyangwa igiti cyose, keretse abantu badafite ikimenyetso cy'Imana mu ruhanga rwabo.

Nyuma y'urupfu rwa Muhamadi, ubuyobozi bw'ingabo yabusimbuweho na Abu-bekr mu mwaka wa 632 Nyuma ya Kristo. Akimara gukomeza ubutware bwe neza n'ubutegetsu bwe, yateranyirije hamwe imiryango y'Abarabu kugira ngo bagabe ibitero bigarurire ibindi bihugu. Igihe ingabo zari zimaze guterana, yahaye amabwiriza abayobozi b'ingabo ze ku byerekeye uburyo bagombaga gutsinda ibihugu muri aya magambo:

"Igihe murwana urugamba rw'Uwiteka, mwitware neza nk'abagabo, mudatera abanzi banyu umugongo; icyakora intsinzi yanyu ntimukayandurisha amaraso y'abagore cyangwa ay'abana. Ntimuzarimbure ibiti by'imikindo, cyangwa ngo mutwike imirima y'ibigori. Ntimuzateme igiti cy'imbutu ziribwa, cyangwa ngo mukorere amatungo iby'ubugome,

238 *Ibid.*, p. 299.

239 *Ibid.*, p. 301.

240 *Ibid.*, p. 305.

keretse gusa iryo mwakwica kugira ngo murirye. Nimugira uwo mugirana na we amasezerano, cyangwa mukagira ibyo mwumvikana, muzirinde kwica iryo sezerano, kandi musohoze ibyo mwavuze. Uko muzaba muja mbere, muzabona abantu b'abanyadini bari mu zabukuru baba mu bigo by'abihayimana: kandi muzabona ubundi bwoko bw'abantu bo mu isinagogi ya Satani, bambaye amakamba aharanguye; muramenye muzabace imitwe, kandi ntumuzabagirire imbabazi kugeza bahindutse abarwanashyaka ba Muhamadi cyangwa bagatanga ikoro."²⁴¹

"Ntibivugwa mu buhanuzi cyangwa mu mateka niba amategako yose arimo ubumuntu yatanzwe yarubahirijwe rwose nk'itegeko rikomeye; ariko ni ko bari bategetswe. Kandi ibi tumaze kubona ahabanza, ni amabwiriza yanditswe mu gitabo na Gibbon, akaba yari yatanzwe na Abubeker ayaha abayobozi b'ingabo z'Abasaraseni (Abayisilamu). Amategako na yo hari abo yakumiraga uyagereranyije n'ibyari byaravuzwe mbere, mbese bisa nk'aho uwo muyobozi w'Abayisilamu ubwe yarimo akora mu buryo buzwi ndetse akabikora ari ukumvira itegeko rihanitse rirenze iry'umuntu upfa; kandi muri icyo gikorwa nyirizina cyo kujya kurwanya idini ya Yesu, no gukwirakwiza hose inyigisho za Muhamadi mu mwanya w'idini ya Kristo, yasubiragamo amagambo yari yarahanuwe mu Byahishuwe na Yesu Kristo uko yagombaga kuyavuga."²⁴²

Ikimenyetso cy'Imana mu Ruhanga Rwabo.—Mu busobanuro bwatanzwe ku Byahishuwe 7: 1-3, twerekanye ko ikimenyetso cy'Imana ari Isabato yo mu itegeko rya kane. Amateka ntabwo yabicecetse ko habayeho abantu bubahiriza Isabato nyakuri y'umunsi wa karindwi mu gihe cyose ubutumwa bwiza bwabwirizwaga. Nyamara benshi babajije iki kibazo ngo: "Abo bantu bari bafite ikimenyetso cy'Imana mu ruhanga muri icyo gihe ni bande, bityo bakaba bararinze ntibatotezwe n'abambari ba Muhamadi?" Nimutyo umusomyi azirikane icyarengurirwagaho mbere, azirikane ko mu gihe cyose cy'ubukristo hahozeho abantu bari bafite ikimenyetso cy'Imana mu ruhanga rwabo. Ibyo ni ukuvuga abantu baruhukaga Isabato nyakuri mu buryo bukwiriye. Nimutyo na none yite k'uko icyo ubuhanuzi buvuga ari uko ibitero by'ubu bubasha kimbuzi bw'Abanyaturukiya, atari bo bwari bugambiriye, ahubwo bwari bugendereye abandi bantu. Iyi nsanganyamatsiko rero nta kibazo kiyirimo, kubera yuko mu by'ukuri ari byo ubuhanuzi buvuga. Urwego rumwe rw'abantu ni rwo duhita tubona mu buryo bwahuraniye muri iyi mirongo, by'umwihariko, ni ba bandi badafite ikimenyetso cy'Imana mu ruhanga rwabo. Kwihangana kw'abafite ikimenyetso cy'Imana kuzamo gusa kubera ko mu rundi ruhande batabura aho baturira n'ibiri kuba. Dushingiye kuri ibi, nta hantu na hamwe amateka atubwira ko aba bantu hari aho bahuriye n'akaga katejwe n'Abasaraseni bitewe n'uko ari bo bari bafite urwango. Abo bari bagendereye ni urundi rwego rw'abantu. Ntabwo kurimburwa k'urwo rwego rw'abantu kuvugwa mu buryo busanishwa no kwihangana kw'abandi bantu runaka, ahubwo

²⁴¹ Edward Gibbon, *The Decline and Fall of the Roman Empire*, Vol. V, chap. 51, pp. 189, 190.

²⁴² Alexander Keith, *Signs of the Times*, Vol. I. p. 307.

kuvugwa mu buryo bwo gusanishwa gusa n'imbuto zo mu isi ndetse n'ibimera bibisi. Nuko ntugire icyo utwara ibyatsi, ibiti cyangwa ikindi kintu cyose cy'ibara risa n'icyatsi kibisi, keretse gusa urwego rw'abantu runaka. Mu gusohozwa k'ubuhanuzi, tuhabona ikintu gitangaje cy'ingabo zateye igihugu zikarokora ibintu ingabo nk'izo zikunze kurimbura, ari byo sura y'isi n'ibimera ku butaka. Igihe bari bakomeje intego yabo yo kurimbura abantu badafite ikimenyetso cy'Imana mu ruhanga rwabo nk'uko bari babihereye uruhushya, baciye imitwe y'abanyedini bafite amakamba aharanguye, bari abo mu isinagogi ya Satani. Byashoboraga kugaragara nk'aho aba bantu bari abihayimana baba mu mazu batagira ubutunzi bwabo bwite cyangwa ngo bashyingirwe, cyangwa se bakaba ari urundi rwego rw'abantu bo mu Itorero Gatulika ry'i Roma.

UMURONGO WA 5 Zihabwa kutabica keretse kubababaza amezi atanu. Kandi kubabaza kwazo gusa no kubabaza kwa sikorupiyo iyo iriye umuntu.

Ibitero bihozaho bagiye bagaba ku butaka bwa Roma, n'ibyo bagiye bagaba inshuro nyinshi i Constantinople ubwaho, byari nko kubabaza abantu bo mu bwami bwose mu buryo budacogora. Byari ibintu abo muri ubwo bwami batashoboraga kuburizamo tutitaye ku gihe kirekire byamaze, ndetse nyuma yaho kikarengurirwaho mu buryo bwahuranyije, bakaba barakomeje muri icyo gihe cyose kugaba ibitero bidatuza, bakababaza itorero ryasengaga ibigirwamana ryayoborwaga na papa muri icyo gihe. ... Inshingano bari bafite yari iyo kubabaza, nyuma yaho bagakomeretsa, nyamara ntibagire uwo bica, cyangwa ngo barimbure ku buryo bugaragara. Igitangaje ni uko batabikoze koko."²⁴³ (Ku byerekeye amezi atanu, reba ubusobanuro bwatanzwe ku murongo wa 10).

UMURONGO WA 6 Muri iyo minsi abantu bazashaka urupfu ariko ntibazarubona na hato, bazifuza gupfa ariko urupfu ruzabahunga.

"Abantu barambiwe kubaho, igihe kurindwa kwabo kwabaga ari ukurindirizwa irindi shyano ryabaga rigiye gukurikiraho, ndetse n'igihe ibyo babaga batekereza ko ari ibyera byabaga bivogerewe, kandi ibyo bafataga ko ari iby'agaciro bigahora bishyizwe mu kaga. Ndetse igihe abo Basaraseni b'abanyarugomo babaga babatwaje igitugu, cyangwa se bakaba babaretse by'akanya gato ngo babahe akaruhuko, na ko kashoboraga kurogowa mu buryo butunguranye cyangwa burimo urugomo, mbese byari bimeze nk'aho ari urubori rwa sikorupiyo."²⁴⁴

UMURONGO WA 7 Ishusho y'izo nziye yasaga n'iy'amafarashi yiteguriwe intambara. Ku mitwe yazo zari zifite ibisa n'amakamba asa n'izahabu, mu maso hazo hasa n'abantu.

²⁴³ *Ibid.*, pp. 308, 309.

²⁴⁴ *Ibid.*, p. 309.

Amafarashi y'Abarabu ni yo aza ku mwanya w'imbere ku isi; kandi Abarabu na bo ubwabo bakaba bazwi ko bafite ubuhanga n'ubumenyingoro mu byerekeranye no gukoresha amafarashi. Abarabu bari bateretse ubwanwa, bihutaga nk'inziye kandi babaga bitwaje intwari nka sikorupiyu, bahoraga biteguye kugendabariye urugamba.

"Kandi ku mitwe yabo hahogaraho ibimeze nk'amakamba ya zahabu. Igihe Muhamadi yinjira muri Madina (mu mwaka wa 622 N.K.), akakirwa nk'umwami ku nshuro ya mbere, ibitambaro batega ku mutwe byarambuwe imbere ye, mbese nko kugira ngo bazibe icyuho cy'ibyaburaga ku rugero rw'umwami. Ibitambaro Abasaraseni bategaga ku mitwe nk'amakamba, byari umurimbo wabo ndetse bikaba n'ishema kuri bo. Iminyago myinshi babonaga yabashobozaga kubona ibyo babaga bakeneye, ndetse ibihe byinshi igatuma bongera kugira ubuzima bushya. Gutega icyo gitambaro cyo mu mutwe byacibwaga nk'umugani ko umuntu aba yahindutse Umuyisilamu. Ndetse mu gihe cya kera Abarabu bamenyekaniraga ku ngofero zabo zisongoye hejuru bambaraga."²⁴⁵

"Kandi mu maso hazo hasa n'ah'abantu." Gufatanyiriza hamwe no gushikama [by'Umwababu] ni ibintu bigaragarira buri wese biranga imyitwarire ye; ... amarenga ye rukumbi ni ukwikorakora mu bwanwa, ari na bwo kimenyetso cy'icyubahiro cyerekana ko umuhungu wo muri bo amaze kuba umugabo. ... Icyubahiro ... baha ubwanwa bwabo gikunze kwangizwa mu buryo bworoshye."²⁴⁶

UMURONGO WA 8 Kandi zari zifite ubwoya busa n'umusatsi w'abagore, amenyo yazo yasaga n'ay'intare.

"Umusatsi muremure uhabwa agaciro gakomeye nk'umurimbo w'abagore. Mu buryo butandukanye n'ubw'abandi bagabo, Abarabu ntabwo bogoshaga umusatsi wabo, kimwe n'abagore babo, ibyo bikaba byari akamenyero kabo nk'uko bishimangirwa na Pliny ndetse n'abandi. Nyamara mu mico yabo nta kintu cyabaga kirimo kijyanye no kugira imyitwarire ya kigore; kubera ko, mbese nko kugaragaza gukariha kwabo n'imbaraga zabo mu kurimbura, amenyo yazo yari ameze nk'ay'intare."²⁴⁷

UMURONGO WA 9 Zari zifite n'ibikingira ibituzza bisa n'ibyuma, guhinda kw'amababa yazo kwari kumeze nko guhinda kw'amagare akururwa n'amafarashi menshi yirukanka ajya mu ntambara.

"Icyuma gikingira igituzza cyakoreshwaga mu Barabu mu gihe cya Muhamadi. Mu rugamba rw'ahitwa Ohud (uru ni urwa kabiri Muhamadi yarwanyeye) yarwanyeye Koreish w'i Maka (mu mwaka wa 624 N.K.), 'abagabo

²⁴⁵ Ibid., pp. 311, 312.

²⁴⁶ Edward Gibbon, *The Decline and Fall of the Roman Empire*, Vol. V, chap. 50, pp. 86-88.

²⁴⁷ Alexander Keith, *Signs of the Times*, Vol. I, p. 312.

700 bo mu ngabo ze bari bambaye ibyuma bikingira igituza nka zimwe mu ntwaro zabo.”²⁴⁸

“Umurimo wahawe Abarabu wari utandukanye n’uwahawe Abagiriki n’Abaroma, umuhati wo gushikama no kugendera hamwe kw’ingabo zigenza amaguru; imbaraga zabo mu bya gisirikare byari bigizwe by’umwihariko n’ingabo zirwanira ku mafarashi n’abarashisha imiheto.” ... Gukoza ikiganza ku mafarashi y’Abarabu, byabaga bihagije ngo yanduruke afite umuvuduko mwinshi cyane nk’uw’umuyaga. ‘Guhinda kw’amababa yazo kwari kumeze nko guhinda kw’amagare akururwa n’amafarashi menshi yirukanka ajya ku rugamba.’ Gutsinda ibihugu kwabo kwari gutangaje, byaba mu byerekeye kwihuta kwako ndetse n’intera ngari bageragaho, kandi ibitero byabo byabaga mu buryo butunguranye. Nta nubwo gutsinda Abaroma kwabo byabaruhije kimwe n’uko gutsinda Abaperesi bitabagoye.”²⁴⁹

UMURONGO WA 10 Kandi zari zifite imirizo nk’iya sikorupiyo zifite n’imbōri mu mirizo yazo, zihabwa kubabaza abantu amezi atanu. 11 Zari zifite n’umwami wazo ari we marayika w’ikuzimu, mu Ruheburayo yitwa Abadoni naho mu Rugiriki yitwa Apoluwoni.

“Kubabaza Abantu Amezi Atanu.”—Havuka ikibazo kigira kiti: “Abo bantu bagombaga kubabazwa amezi atanu ni bande? Nta gushidikanya ko ari ba bandi bajyaga kuzica (reba ku murongo wa 15), “kimwe cya gatatu cy’abantu,” hanyuma yaho cyangwa kimwe cya gatatu cy’ubwami bwa Roma—wa mugabane wabwo wari uherereye mu Bugiriki.

Mbese ni ryari bari gutangira umurimo wabo wo kubabaza abantu? Umurongo wa 11 usubiza iki kibazo.

“Bari bafite umwami ubategeka.” Uhereye ku rupfu rwa Muhamadi ukageza hafi y’iherezo ry’ikinyejana cya 13, abambari ba Muhamadi bari bigabanyijemo imitwe y’intambara igiye ifite abayobozi bayo n’itego zitandukanye, nyamara ikaba itari ifite umuyobozi rusange w’ubutegetsi bwa gisivile uyihuriza hamwe yose. Hafi y’iherezo ry’ikinyejana cya 13, uwitwa Otimani (Othman) yashyizeho ubutegetsi bwamenyekanye uhereye icyo gihe ku izina ry’Ubutegetsi cyangwa se ubwami bw’Abotomani (Ottoman), bwaje gukura kugeza ubwo bwakwirakwiriye mu miryango y’ibanze y’abambali ba Muhamadi, buza kuyihuriza hamwe maze igira imbaraga ihinduka ubwami bukomeye.

Umwami wabo yitwa “marayika w’ikuzimu.” Marayika bisobanura intumwa, umugabura, yaba mwiza cyangwa se mubi, kandi iteka ryose ntabwo ari ngombwa ko aba ari ikiremwa cy’umwuka. “Marayika w’ikuzimu” yagombaga kuba umugabura mukuru w’idini wakomotse aho hantu uhereye igihe ryatangiraga kubaho. Iyo dini ni iy’abambari ba

²⁴⁸ Ibid.

²⁴⁹ Ibid., p. 313.

Muhamadi (Abamuhamadaniste), kandi umusulutani ni we wari umuyobozi waryo mukuru.

Izina rye mu Ruheburayo ni “Abadoni,” bisobanura umurimbuzi; mu Rugiriki rikaba “Apoluwoni” bisobanurwa ngo “urimbura” cyangwa se “utsemba.” Kugira amazina abiri atandukanye mu ndimi ebyiri, ni ikintu kigaragara ko imico ari yo bari bagamiye kwerekana aho kugira ngo bashishikarire kwerekana izina ry’ubwo bubasha. Niba ari uko bimeze, nk’uko bivugwa mu ndimi ebyiri, agomba kuba ari umurimbuzi. Iyo ni yo kamere yaranze iteka ubutegetsu bw’Abotomani.

Ariko se ni *ryari* Otimani (Othman) yagabye igitero cye cya mbere ku bwami bw’Abagiriki?—Dukurikije ibyo Gibbon yanditse, “ku italiki ya 27 Nyakanga mu mwaka wa 1299 N.K. ni bwo Otimani yagabye igitero mu karere ka Nikomediya (Nicomaedia); kandi kutibeshya ku italiki mu buryo bumwe rukumbi bisa n’aho biduhishurira bimwe mu byatekerezwaga ku kwihuta no gukura kurimbura kw’ikintu giteye ubwoba.”²⁵⁰

Von Hammer, Umudage wize amateka ya Turukiya, kimwe n’abandi bantu bakomeye bavuze ko icyo gikorwa cyabayeho mu mwaka wa 1301. Ariko se ni iyihe taliki amateka ahamya ko iki gikorwa cyabayeho? Uwitwa Pachymeres yari umunyamateka wanditse ku by’itorero n’iby’ubutegetsu, yavukiye i Nise (Nicaea), ahari hafi y’aho igitero cy’Abotomani cyabereye; kandi amateka yanditse yayanditse muri icyo gihe. Yarangiye umurimo we wo kwandika mu mwaka wa 1307; bityo rero yabayeho mu gihe kimwe n’icyo Otimani yabereyeho.

Mu mwaka wa 1669 uwitwa Posinusi (Possinus) yakoze urutonde rw’amateka yanditswe na Pachymeres, atanga amataliki ukwezi n’izuba byijimiyeho, kimwe n’ibindi byabayeho mu mateka byari byaranditswe na Pachymeres. Ku bijyanye n’umwaka wa 1299, Posinusi avuga abi bikurikira:

“Noneho ubu ni inshingano yacu kugaragaza igihe nyamukuru kandi cy’ukuri ubwami bw’Abotomani bwabereyeho. Ibi tubasha kubigeraho twifashishije igereranya ritunganye ry’amataliki yatanzwe n’Abarabu b’abahanga mu gukurikiranya uko ibintu byagiye bibaho tukabigereranya n’ubuhamya bwatanzwe na Pachymeres. Uyu mwanditsi duherukirijeho, mu gitabo cye cya kane cy’uyu mugabane wa kabiri, mu gice cyacyo cya 25, avuga ko uwo muntu witwa Atman [ni ko mu Rugiriki bita Othman] yagwiye imbaraga binyuze mu guhinduka umugaba w’umutwe w’ingabo wari ukomeye kandi ukaba wari ugizwe n’abarwanyi badatinye kandi b’abanyambaraga bakomokaga i Pafulagoniya (Paphlagonia). Igihe Muzalo wari umugaba w’ingabo z’Abaroma yageragezaga kumukoma imbere ngo adakomeza urugendo rwe, yamutsindiye mu rugamba rwabereye hafi y’ahitwa Nikomediya (Nicomedia) hari umurwa mukuru wa Bituniya. Umuyobozi w’urugamba yakomeje gufatira uyu muji nk’uwari ugoswe n’ingabo. Pachymeres we, arushaho kumvikanisha ko ibi bintu byabereye hafi cyane ya Bafewumu

250 Edward Gibbon, *The Decline and Fall of the Roman Empire*, Vol. VI, chap. 64, p. 226.

(Bapheum), ahataru kure ya Nikomediya, ku italiki ya 27 Nyakanga. Umwaka wo tuwuhamya mu ncamake yacu, tumaze kugereranya twitonze ibyabaye, tukavuga ko wabaye umwaka w'Umwami wacu mu 1299.²⁵¹

Incamake Posinusi yifashisha itanga italiki yo kwihuriza hamwe kw'abantu b'i Pafulagoniya n'ingabo za Otimani, ari na ko kwabayeho ku italiki ya 27 Nyakanga mu mwaka wa 1299 mu gihe cy'ubukristo, hakaba hari mu mwaka wa gatanu umupapa witwa Bonifasi wa VIII ari ku buyobozi, ndetse hakaba hari mu mwaka wa gatandatu wa Mikayile Palewologusi (Michael Palaeologus).

Inyandiko ibivuga mu magambo akurikira:

«Atimani [cyangwa Otimani] umuyobozi w'Abaperesi, washoboraga na none kwitwa Otomani, ari we wari warahanze ingoma y'ubwami bw'Abanyaturukiya yari ikiriho kugeza icyo gihe, yagwiye imbaraga binyuze mu kwirundanyirizaho umubare munini w'abambuzi b'abagome bakomokaga i Pafulagoniya.»²⁵²

Abanyapafulagoniya bayobowe n'abahungu ba Amuriyusi, bafatanyije na Otimani mu gitero yagabye ku italiki ya 27 Nyakanga, ku buryo Posinusi atanga italiki iki gikorwa cyabereyeho inshuro ebyiri avuga ko ari mu mwaka wa 1299.

Uwitwa Gregoras na we wari uwo mu gihe kimwe na Otimani, ashyigikira ibyo Gibbon na Pachymeres bavuze igihe bemezaga ko umwaka wa 1299 mu byo yanditse ko ari bwo kwigabanya kwa Anatoliya kwabayeho. Uku kwigabanya hagati y'abayobozi b'Abanyaturukiya kwabayeho mu mwaka wa 1300, nk'uko bishyigikirwa n'abanditsi b'amateka batanga amakuru yizewe. Gregoras avuga ko muri uko kwigabanya, Atimani (Otimani) yatwaye ahitwa Olympus n'ibice bimwe bya Bituniya, ibi bikaba byerekana ko Otimani yari yararangiye kurwana urugamba rw'i Bafewumu, akaba yari yarigaruriye ibice bimwe byo mu burasirazuba by'ubwami bw'Abaroma byari bituwe n'Abagiriki.

Imibare ikorwa na bamwe mu banditsi yaragiye igera kure kugeza ubwo batekereza ko icyo gihe cyaba cyaratangiranye no guhangwa k'ubwami bw'Abotomani; ariko biragaragara rwose ko kwaba ari ukwihenda; kuko batagombaga kugira umwami ubatega gusa, ahubwo bagombaga no kubabaza abantu ameze atanu. Nyamara igihe cyo kubabaza abantu nticyashoboraga gutangira mbere y'uko abo bababazaga abantu bagaba igitero cyabaye ku italiki ya 27 Nyakanga 1299 nk'uko byavuzwe ahabanza.»²⁵³

Imibare ikurikira yabazwe bahereye kuri iyi ntangiriro, yakozwe kandi itangazwa ku nshuro ya mbere mu gitabo cyiswe *Kugaruka kwa Kristo* (Christ's Second Coming), cyanditswe na Yosiya Litch, mu mwaka wa 1838.

251 Possinus, *Observationum Pachymertanarum*, Book III (Chronology), chap.8, sec. 5, translation made at the Library of Congress

252 *Ibid.*, bk. 4, chap. 25.

253 Josiah Litch, *Prophetic Exposition*, Vol.II, p. 180.

«Kandi ububasha bwazo bwari ubwo kubabaza abantu amezi atanu.» Aho ni ho umurimo wabo wagarukiraga. Kwari ukubabaza abantu binyuze mu bitero byo kwangiza abantu n'ibyabo, nyamara mu rwego rwa politike ntabwo bicaga abantu. «Amezi atanu' [ukwezi gufite iminsi 30, ubwo amezi atanu azaba ari iminsi 150], ibyo ni ukuvuga imyaka 150. Ubaze uherye ku italiki ya 27 Nyakanga, 1299, imyaka 150 yaragiye igera mu mwaka wa 1449. Muri icyo gihe cyose Abanyaturukiya bari bahugiye mu ntambara zidatuza barwanaga n'abo mu bwami bw'Abagiriki, nyamara *ntabwo babatsindaga*. Bafataga intara zimwe z'Abagiriki ndetse bakazigumana, nyamara ukwigenga k'Ubugiriki kwakomezaga kubaho i Constantinople. Ariko mu mwaka wa 1449, ari ryo herezo ry'imyaka 150, habayeho impinduka,» habayeho amateka agaragara mu mpanda yakurikiye iyi.

UMURONGO WA 12 Ishyano rya mbere rirashize, dore ayandi mahano abiri ari bukurikireho. 13 Marayika wa gatandatu avuza impanda, numva ijwi riva ku mahembe ane y'igicaniro cy'izahabu kiri imbere y'Imana, 14 ribwira marayika wa gatandatu ufite impanda riti «Bohora abamarayika bane baboheye ku ruzi runini Ufurate.» 15 Nuko abo bamarayika bane bari biteguriwe iyo saha n'uwo munsu n'uko kwezi n'uwo mwaka, babohorerwa kugira ngo bice kimwe cya gatatu cy'abantu.

Impanda ya Gatandatu.—«Ishyano rya mbere ryagombaga kubaho uherye mu gihe cyo kwaduka kw'abambari ba Muhamadi, rikageza ku iherezo ry'amezi atanu. Ubwo ni bwo ishyano rya mbere ryagombaga kurangira, hanyuma irya kabiri rigatangira. Kandi igihe marayika wa gatandatu yavuzaga impanda, hatanzwe itegeko ryo kubohora inkomyi zari zarashyizweho ngo zibangamire ishyanga, izo nkomyi zikaba zarabangamiraga umurimo wo *kubabaza* abantu, noneho umurimo wabo uraguka ugera ku kwica kimwe cya gatatu cy'abantu. Iri tegeko ryatanze rivuye ku mahembe ane y'igicaniro cy'izahabu.»²⁵⁴

Abamarayika Bane.—Aba ni abayobozi bane bari bubakiyeho ubwami bw'Abotomani, bakaba bari baherereye mu gihugu cyanereshwaga n'umugezi wa Ufurate. Aba bayobozi babarizwaga i Aleppo, mu Ikoniyo, i Damasiko n'i Bagidadi. Mu gihe cyabanzirizaga icyo, bari babujijwe gukora; nyamara Imana yatanze itegeko maze barabohorwa.

Nyuma yaho, mu mwaka wa 1448, igihe iherezo ry'igihe cy'imyaka 150 ryari ryegereje, Yohana Palewologusi yarapfuye kandi nta muhungu yari asize inyuma wo kumusimbura ku ntebe y'ubwami bwo mu Burasirazuba. Mwene se witwaga Konstantine, wari umusimbura wari wemewe n'amategeko, ntiyashoboraga gutinyuka kwicara ku ntebe y'ubwami umwami w'Abanyaturukiya atabyemeye. Ku bw'iyi mpamvu, abahagarariye ubwami mu mahanga bagiye ahitwa Adrianople, bemererwa kuvugana n'umwami, maze batahana impano zo guha umwami mushya. Mu minsi

²⁵⁴ *Ibid.*, p. 181.

ibanza y'umwaka wa 1449, mu bihe nk'ibi byasaga n'ibitarimo amahoro, Konstantine umwami wa nyuma mu bami b'Abagiriki yambitswe ikamba.

Umwanditsi w'amateka witwa Gibbon avuga uko byagenze muri aya magambo:

"Mu gihe cy'urupfu rwa Yohana Palewologusi, ... bitewe n'urupfu rwa Andronikusi n'umwiru w'ibwami witwaga Isidori, umuryango w'ibwami wagabanyijwe ibikomangoma bitatu ari byo Konstantine, Demetrius na Tomasi, ari bo bahungu b'umwami Manweli bari bararokotse. ... Muri aba bose, ubanza ndetse n'uhuruka bari batuye kure cyane muri Moreya. ... Umugabekazi, umukuru w'inteko ishingira amategeko ndetse n'ingabo, abayobozi b'idini na rubanda, ntibavuze rumwe ku byerekeye gushyiraho umusimbura w'umwami wemewe n'amategeko: maze Tomasi wari umunyagitugu, utari azi impinduka zari zabaye, agaruka mu murwa mukuru mu buryo butunguranye, avuga ko yumva afitiye ishyamba ryo kurwanirira inyungu za mwene se utari uhari. Umwe mu bavugizi b'ubwami mu mahanga akaba n'umunyamateka witwaga Furanza (Phranza) yahise yoherezwa ibwami i Adrianople. Amurati yamwakiranye icyubahiro, maze amusezerera amuhaye n'impano; nyamara uko kugirirwa neza akemerwa n'umwami wa Turukiya byerekanye ko uwo mwami ari we uri hejuru y'abandi bose, ndetse byerekana ko ubwami bw'uburasirazuba buri hafi guhanguka. Amaboko y'abayobozi babiri bari bakomeye ni yo yashyize ikamba ry'ubwami ku mutwe wa Konstantine bibera ahitwa i Sparta."²⁵⁵

"Nimureke iki gihamba cyo mu mateka gisuzumanwe ubwitonzi tukigereranya n'ibyari byavuzwe haruguru ko bigomba kubaho. Iki ntabwo cyabaye igitero cy'urugomo cyagabwe ku Bagiriki, ngo kube ari na cyo cyahunguye ubwami bwabo, maze ubwigenge bari bafite bakabwamburwa, ahubwo byaturutse mu bushake bwabo bashira mu biganza by'Abanyaturukiya ubwigenge bwabo, bavuga bati: 'Sinshobora gutegeka keretse gusa ubyemeye.'"²⁵⁶

Abamarayika bane babohowe mu gihe kingana n'isaha, umunsi, ukwezi n'umwaka kugira ngo bice kimwe cya gatatu cy'abantu. Iki gihe ubutegetsu bw'Abotomani bwagombaga kumara, kingana n'imyaka 391 n'iminsi cumi n'itanu. Bityo, umwaka wa gihanuzi ugizwe n'iminsi ya gihanuzi 360, cyangwa se imyaka isanzwe 360; ukwezi kwa gihanuzi, ni iminsi 30 ya gihanuzi, ikaba ari imyaka isanzwe 30; umunsi umwe wa gihanuzi ni umwaka usanzwe umwe; noneho isaha imwe, cyangwa se ibice makumyabiri na bine bishobora kuba ibice makumyabiri na bine by'umwaka usanzwe, cyangwa iminsi cumi n'itanu; byose wabiteranya ukabona imyaka 391 n'iminsi cumi n'itanu.

"Ariko nubwo abamarayika bane barekuwe binyuze mu kwitanga ku bushake bw'Abagiriki, nyamara akandi kaga kari karindiriye ahari icyicaro

²⁵⁵ Edward Gibbon, *The Decline and Fall of the Roman Empire*, Vol. VI, chap.67, p. 365.

²⁵⁶ Josiah Litch, *Prophetic Exposition*, Vol.II, p. 182, 183.

cy'ubwo bwami. Amurati, umwami Diyakozesi yari yishyize mu maboko, kandi akaba ari we wari wamwemereye gutegeka i Konstantinople, bidatinze yatanze, maze asimburwa ku ntebe y'ubwami na Muhamadi wa II, mu mwaka wa 1451, uyu akaba yari ashyize umutima kuri Konstantinople, maze agambirira kuyigarurira.

“Ni muri ubwo buryo yagize imyiteguro yo kuhatera, akahagota maze akahagarurira. Kugota uwo murwa byatangiye ku italiki ya 6 Mata 1453, maze kurangira afashe umurwa, ndetse n'umwami wa nyuma ukomoka kuri Konstantine yicwa ku italiki ya 16 y'ukwezi kwa Gicurasi kwakurikiyeho. Nuko umurwa wo mu bwami bw'Abakayisari mu Burasirazuba uhinduka icyicaro cy'ubwami bw'Abotomani.”²⁵⁷

Mu buryo bugaragara neza nk'uko tuzabibona, umuhanuzi yabonye intwari zakoreshejwe ndetse n'uburyo bwo kurwana bwakoreshejwe mu kugota Konstantinople ngo bayihirike kandi bayigarurire.

UMURONGO WA 16 Umubare w'ingabo z'abarwanira ku mafarashi wari uduhumbagiza magana abiri, umubare wabo narawumvise.

“Amafashashi menshi atabarika, n'abari bicaye kuri yo! Gibbon asobanura uko igitero cya mbere cyagabwe n'Abanyaturukiya ku butaka bw'Abaroma cyari kimeze muri aya magambo: 'Ibihumbi n'ibihumbi by'amafarashi y'Abanyaturukiya byazimagije ingabano z'igihugu agera ku ntera ya kilometero 965 uvuye i Torisi (Tauris) ukagera ahitwa Azerumu (Azeroum), kandi amaraso y'Abakristo ibihumbi 130 yabaye igitambo cy'ishimwe cyatuwe umuhanuzi wa Arabiya.' Niba umubare warashyiriweho kwerekana igitekerezo cy'undi mubare uhamye, ibyo umuntu yabirekera umusomyi akaba ari we ufata umwanzuro. Bamwe batekereza ko ibihumbi 200 byavuzwe inshuro ebyiri ari uko bashakaga gusobanura, bityo, ukurikije ibyo bamwe mu banditsi b'amateka bavuga, wagerageza kubona umubare w'abarwanyi b'Abanyaturukiya bari bagose Konstantinople. Bamwe batekereza ko uduhumbagiza maganabiri dushatse kuvuga abarwanyi miliyoni 200 b'Abanyaturukiya barwanye mu gihe cy'imyaka 391 n'iminsi cumi n'itanu mu gihe cyabo cyo gutsinda Abagiriki.”²⁵⁸ Nta kintu umuntu yahamya kuri iyi ngingo. Kandi ntabwo ari ikintu cy'ingenzi cyane.

UMURONGO WA 17 Kandi nerekwa amafarashi n'abari bayicayeho. Bari bambaye ibyuma bikingira ibituzza bisa n'umuriro na huwakinto n'amazuku. Imitwe y'ayo mafarashi yasaga n'iy'intare, mu kanwa kayo havagamwo umuriro n'umwotsi n'amazuku.

Umugabane wa mbere w'ubu busobanuro ushobora kurengurira ku kwaduka kw'aba bantu bagendera ku mafarashi. Umuriro ukerekana ibara ritukura “nk'uko umuriro ugira ibara ritukura” rikunze kuba ijambo rigaruka kenshi muri iyi mvugo; huwakinto rigahagararira ubururu;

²⁵⁷ *Ibid.*, p. 183.

²⁵⁸ *Ibid.*, pp. 183, 184.

noneho amazuku rigafatwa nk'umuhondo. Aya mabara yabaga yiganje mu myambaro aba barwanyi bambaraga; ku buryo gusobanura iby'iyi shusho byagaragaraga neza mu mpuzankano y'Abanyaturukiya yari yiganjemo ibara ritukura, umuhemba, ubururu ndetse n'umuhondo. Imitwe y'amafarashi yendaga gusa n'imitwe y'intare, byerekana imbaraga, umurava, n'amakare yayo. Mu gihe umugabane uheruka w'uyu murongo nta gushidikanya urengurira ku mbunda zirekura umwotsi n'intworo z'umuriro zakoreshwaga mu ntambara, zari zimaze igihe gito gusa zitangiye gukoreshwa. Igihe Abanyaturukiya babaga barashishije intworo zabo z'umuriro bicaye ku mafarashi yabo, byagaragariraga umuntu ubyitegereza ari kure nk'umuriro, umwotsi, n'amazuku asohoka mu kanwa k'amafarashi.

Abasobanuzi bumvikana ku buryo buhagije ku bijyanye no gusobanura ubuhanuzi bwerekeranye n'umuriro, umwotsi n'amazuku igihe babihuza n'imbunda zirekura umwotsi zakoreshejwe n'Abanyaturukiya mu ntambara barwanaga n'Ubwami bw'Uburasirazuba.²⁵⁹ Nyamara muri rusange birengurira ku mbunda ziremereye, intworo nini, zakoreshwaga n'agafu kabyara umuriro; mu gihe ubuhanuzi buvuga by'umwihariko "amafarashi" n'umuriro "wavaga mu kanwa kayo," mbese nk'aho intworo zakoreshwaga, kandi zigakoreshwa n'abari ku migongo y'amafarashi. Barnes atekereza ko uko ari ko ibintu byari bimeze; ndetse n'amagambo yavuzwe na Gibbon na yo ahamya ibi. Aravuga ati: "Kugurukirana kudatuza kw'amacumu n'imyambi kwari guherekejwe n'umwotsi, amajwi, n'umuriro wo guturika kw'imbunda."²⁶⁰ Hano hari igihamba cy'amateka kigaragaza ko imbunda zakoreshejwe n'Abanyaturukiya; ndetse icya kabiri ni uko bitagibwaho impaka ko mu ntambara yabo muri rusange barwanye bicaye ku migongo y'amafarashi. Kubw'ibyo rero, ubusobanuro bw'uko bakoresheje intworo z'umuriro bicaye ku migongo y'amafarashi burashyigikirwa, ibyo rero bigasohoka neza ubuhanuzi hakurikijwe icyitegererezo cyatanzwe ahabanza.

Hakurikijwe imikoresherezwe y'intworo z'umuriro zakoreshwaga n'Abanyaturukiya mu gitero bagabye i Konstantinople, Elliott avuga aya magambo akurikira ati:

"Gupfa kwa kimwe cya gatatu cy'abantu, ni ukuvuga gufatwa kwa Konstantinople, ari na byo byabaye ingaruka yo guhanguka k'ubwami bw'Ubugiriki, kwatewe n'uko hakoreshejwe umuriro n'umwotsi n'amazuku, ndetse hagakoreshwa n'imbunda nini ndetse n'intworo zaka umuriro za Muhamadi. Imyaka 1100 isaga yari imaze guhita uherye igihe uwo muji wari warashingiye na Konstantine. Muri icyo myaka yose Abagoti, Abahansi, Abavari, Abaperesi, Ababulugariya, Abasaraseni, Abarusiya, ndetse mu by'ukuri n'Abotomani ubwabo, bari barateye uwo murwa ndetse barawugerereza. Nyamara ukuntu wari ugoswe n'inkike ntikwabemereraga kuwinjiramo. Uwo muji wa Konstantinople warabarokokaga, ndetse

²⁵⁹ See notes on Revelation 9: 17 in Adam Clarke, *Commentary on the New Testament*, Vol. II, p. 1003; Albert Barnes, *Notes on Revelation*, p. 264; *The Cottage Bible*, Vol. II, p. 1399.

²⁶⁰ Edward Gibbon, *The Decline and Fall of the Roman Empire*, Vol. VI, chap.68, p. 388.

ukarokokana nyine n'ubwami bw'Ubugiriki. Kubw'ibyo, umwami Muhamadi yahagarikwaga umutima no kubona icyajyaga kumukuriraho iyo nzitizi. Ikibazo yabajije umuntu wahimbye imbunda wari wamuhungiyeho cyari iki ngo: 'mbese ntiwakora imbunda ifite ubunini bubasha kurindimura Konstantinople?' Nuko itanura ryo gushongesherezamo ibyuma ryubakwa i Adrianople, intwaro ziraboneka, imbunda zirategurwa, maze kugerereza biratangira.

"Uburyo Gobbon, umusobanuzi w'ubuhanuzi bwo mu Byahishuwe, avuga iby'iki gikoreshe gishya cy'intambara mu ushusho yerekana mbere y'izindi zose bikwiriye kwitabwaho. Abivuga mu magambo yuzuye ubutyoya akoresheje n'inkuru ikangaranya intekerezo akerekana ishyano rikomeye ryagwiririye ubwami bw'Abagiriki. Mu kuyitegura, atanga amateka y'ivumburwa ry'intwaro z'umuriro zavumbuwe mu minsi ya vuba, 'rwa ruvange rw'agafu gasa n'umweru, amazuku n'amakara.' Nk'uko byavuzwe mbere, atubwira ibyo gucurwa kw'intwaro kwabereye i Adrianople; nuko igihe ukugerereza kwari gukomeje, asobanura uburyo ukugurukirana kw'amacumu n'imyambi kwari guherekejwe n'umwotsi, urusaku, ndetse n'umuriro wasohokaga mu mbunda n'izindi ntware. Avuga ukuntu imbunda z'Abanyaturukiya zerekejwe ku nkike, maze imbata cumi n'enyine ziremereye zigaturikira icyarimwe zirasa aho zashoboraga kugeza. Atubwira ukuntu 'ibihome byari bimaze igihe kirekire byarananiye ibitero bitandukanye, noneho ubu bwo byasenywe n'imbunda z'Abotomani mu mpande zose, maze ibihome bigacikamo ibyaho byinshi, ndetse hafi y'amarembo yitiriwe Mutagatifu Romanus hari hubatse iminara ine yirengaye cyane, 'imbunda z'Abotomani zari ritondetse ku murongo ku mato yabo, n'amateme. Imbunda z'Abotomani zatontomeraga impande zose, haba mu nkambi no mu muji, Abagiriki n'Abanyaturukiya bari uruvange mu gicu cy'umwotsi wacumbaga washoboraga kwirukanwa gusa n'uko ubwami bwa Roma butabawe ubuheruka cyangwa se bukarimbuka. Uburyo abari bagose umurwa amahereze baje kunyura mu byuho 'bakiroha mu murwa,' byatumye Konstantinople itsindwa bidasubirwaho, ubwami bwayo burasenyuka, idini yabo isiribangirwa mu mukungugu n'Abayisilamu bari bahatsinze.' Mvuga ko uburyo bugaragara kandi busobanutse Gibbon avugamo uko gufatwa k'umujiy kwagenze ndetse no kurimbuka k'ubwami bwigaruriwe n'ingabo z'Abotomani zifite intwaro ziremereye bikwiriye kwitabwaho. bikwiriye kwitabwaho. Mbese ibyo ni iki uretse ko ari ubusobanuro bwongewe ku magambo y'ubuhanuzi? 'Ibi bintu bitatu bikurikira ari byo umuriro, umwotsi n'amazuku byari biturutse mu kanwa kazo, ni byo byishe kimwe cya gatatu cy'abantu.'"²⁶¹

UMURONGO WA 18 Kimwe cya gatatu cy'abantu cyicwa n'ibyo byago uko ari bitatu, ari byo umuriro n'umwotsi n'amazuku bivuye mu kanwa k'ayo mafarashi. 19 Kuko akanwakayo n'imirizo yayo ari byo byayabashishaga kurwana, kuko imirizo yayo isa n'incira ifite imitwe kandi ni yo aryanisha.

²⁶¹ Edward B. Elliott, *Horae Apocalypticæ*, Vol. PP. 478, 479.

Iyi mirongo isobanura ingaruka kimbuzi z'uburyo bushya bw'intambara bwari butangiye gukoreshwa. Ibi bikoresho—nk'imbunda, agafu gatumuka, ndetse n'intwari ziturika, ni byo byifashishijwe mu gutsinda Konstantinople, maze ijya mu maboko y'Abanyaturukiya.

Hejuru yo gukoresha umuriro, umwotsi n'amazuku, ibyasaga n'aho bituruka mu kanwa kabo, byavuzwe na none ko imbaraga zabo zaturukaga mu mirizo yabo. Ubusobanuro bw'iyi mvugo busa n'ubwerekana ko imirizo y'amafarasha yari igishushanyo, cyangwa ikimenyetso cy'ubutware bwabo. Ni ikintu kizwi ko umurizo w'ifarashi ari urugero ngenderwaho ruzwi neza rw'Abanyaturukiya, ukaba ikimenyetso cy'ubutegetsu n'ubutware byabo. Ishusho yazaga mu bitekerezo bya Yohana yashoboraga gusa n'aho yaba yarabonye amafarashi ahumekera umwuka mu muriro no mu mwotsi, kandi n'ikindi kintu cyari kidasanzwe, ni uko yabonye ko ububasha bwazo bwo gukwirakwiza hose ukurimbuka bwari bufite aho buhuriye n'imirizo y'amafarashi. Umuntu wese wareba iryo tsinda ry'abagendera ku mafarashi bafite ayo mabendera, cyangwa ibyo bimenyetso, yari gukurwa umutima n'iyi shusho itamenyerewe kandi igaragara, ndetse yashoboraga kuvuga yuko ayo mabendera yabo ari yo yerekanaga kandi agashimangira ububasha bwabo.

Uku gukomera kw'abambari ba Muhamadi biganzura Abagiriki kwajyaga gukomeza, nk'uko twabibonye mbere, kukamara imyaka 391 n'iminsi cumi n'itanu. "Uhereye igihe imyaka 150 yarangiriye mu mwaka wa 1449, iki gihe cyarangira ku italiki 11 Kanama mu 1840. Uramutse usuzumye ibintu uhereye ku buryo ugukomera kw'Abotomani kwatangiye, byatangiranye n'igikorwa cy'ubushake cy'umwami w'Abagiriki igihe yerekanaga ku mugaragaro ko abasha gutegeka gusa ari uko abihereye uburenganzira n'umwami w'Abanyaturukiya, dushobora kwanzura mu buryo bworoshye tuvuga yuko kugwa cyangwa kuvaho k'ubwigenge bw'Abotomani byari kubaho mu buryo bumwe n'ubwo; ku buryo mu iherezo ry'igihe cyagenwe [ni ukuvuga ku italiki ya 11 Kanama 1840] umwami yari gutanga ubwigenge bw'igihugu akabushyira mu maboko y'Abakristo ku bushake bwe,"²⁶², nk'uko yari yabuhawe buvuye mu maboko y'umwami w'Umukristo Konstantine wa XIII mu myaka 391 n'iminsi cumi n'itanu yari ihise.

Uyu mwanzuro waje kugerwaho kandi uku guhuza ubuhanuzi n'ibyabaye bikorwa na Yosiya Litch mu mwaka wa 1838, mu myaka ibiri ibanziriza icyo gikorwa cyari gitegerejwe. Muri uwo mwaka, yahanuye ko ubutegetsu bw'Abanyaturukiya bwari guhanguka "mu mwaka wa 1840 mu kwezi kwa Kanama;"²⁶³ nyamara iminsi mike yabanjirije uko gusohozwa k'ubuhanuzi, yafashe umwanzuro urushijeho gusobanuka mu bushakashatsi uvuga yuko igihe cyagenewe Abanyaturukiya cyagombaga kugera ku iherezo ku italiki ya 11 Kanama 1840. Ubwo noneho cyari ikibazo gusa cyo kubara neza ibihe bya gihanuzi biboneka mu Byanditswe byera. Birakwiriye

262 Josiah Litch, *Prophetic Exposition*, Vol. II, p. 189.

263 Josiah Litch, *The Probability of the Second Coming of Christ about A. D. 1843*, p. 157.

kwibaza niba ibyo bintu byarabayeho mu buryo buhuje n'iyi mibare yabazwe. Iyi ngingo ibonera igisubizo muri iki kibazo gikurikira:

*Mbese Ubwigenge Bwatanzwe n'Abambari ba Mohamedi (Abisilamu) muri Konstantinople bwageze ku Iherezo ryari?—Imyaka myinshi yabanjirije umwaka wa 1840, umutegetsi w'Umuyisilamu yayimaze ahanganye na Mehemeti Ali, wari umugaba w'ingabo za Egipta. "Mu mwaka wa 1838 hari hagiye kuba intambara hagati y'umwami n'ingabo ze zo muri Egipta iyo ataza gukumirwa n'intumwa z'amahanga zakoreraga mu bwami bwe ngo zihindure ibitekerezo bye. ... Mu mwaka wa 1839 hongeye kubaho amakimbirane akomeye, kandi yarakomeje kugeza ubwo mu ntambara rusange yahuje ingabo z'umwami na Mehemeti, ingabo z'umwami w'Umuyisilamu zakubiswe inshuro zirarimbura rwose, ndetse n'amato ye y'intambara ajyanwa muri Egipta. Uko ni ko amato y'intambara y'umwami zatsinzwe uruhenu, ku buryo igihe intambara yatangiraga muri Kanama, mu mato y'Abanyaturukiya yigeze gukomera cyane, amato abiri manini gusa n'andi atatu mato ari yo yari asigaye mu buryo bubabaje. Aya mato y'intambara Mehemeti yarahiye ko atari kuyareka ngo agaruke ku mwami, maze abwira umwami ko ingabo ze nizigerageza kumutera ngo ziyamunyage, azayatwika. Icyo gihe uko ibintu byari bimeze mu mwaka wa 1840, Ubwongereza, Uburusiya, Ositriya n'igihugu cya Purusi byaraje byitambika hagati, maze byiyemeza kwinjira muri icyo kibazo kubera ko byagaragaraga neza ko iyo barekera umwami wenyine muri icyo kibazo, bidatinze Mehemeti yari kwicara ku ntebe y'umwami wa Turukiya."*²⁶⁴

Umwami yemeye ko ibyo bihugu bikomeye byinjira muri icyo kibazo, maze yemera ku bushake kurekera icyo kibazo mu maboko yabo. Inama nkemurampaka yahuje ibi bihugu bikomeye yabereye i Londoni (mu Bwongereza), kandi Sheik Effendi Bey Likgis yari muri icyo nama nk'ufite ubutware mu gufata ibyemezo ku ruhande rw'ubwami bw'Abotomani. Bumvikanye ku masezerano agomba kwandikwa agashyikirizwa umwami wa Egipta. Muri ayo masezerano hari hakubiyemo ko Umwami wa Turukiya agomba kwegurira umwami wa Egipta ubuyobozi bwa Egipta ahabwa nk'umurage we, ndetse akanamwegurira n'ibice byose bya Siriya biherereye ku Kigobe cya Suwezi ukagenda ukagera ku Kiyaga cya Tiberiya, ndetse n'intara ya Acre, akabimwegurira burundu. Noneho ku ruhande rw'umwami wa Egipta, na we akavana ingabo ze mu bice byari bisanzwe biyoborwa n'umwami wa Turukiya, kandi akagarura amato y'intambara y'ubwami bw'Abotomani. Igihe cyose yari kuba yanze izo mpano z'umwami wa Turukiya, ibi bihugu bikomeye uko ari bine byari gushyira iki kibazo mu maboko yabyo, hanyuma bigakoresha ubundi buryo bari kubona ko bukwiriye bwo kumwemeza aya masezerano.

Ni ikintu cyigaragaza ko igihe iri tangazo simusiga ryari kuba rishyizwe mu butware bwa Mehemeti Ali umwami wa Egipta, ikibazo cyari kuba kigeze ku rwego rurenze umwami wa Turukiya, kandi ubuyobozi

²⁶⁴ *Ibid.*, pp. 192, 193.

bw'imirimo yo mu gihugu cye, uherye ubwo bukaba mu biganza by'ibihugu by'amahanga. Umwami wa Turukiya yatumye uwitwa Rifat Bey agenda mu bwato bw'ubutegetsi bw'igihugu cye yerekeza Alegizandriya, kugira ngo amenyeshe Mehemeti Ali iby'iri tangazo simusiga. Yagejejweho iri tangazo ku italiki ya 11 Kanama mu 1840! Kuri uwo munsu kandi i Konstantinople umwami yagejeje ijamba ku bahagarariye ibyo bihugu bine bikomeye ababaza iby'imigambi yafatwa umwami wa Egipta aramutse yanze kumvira ibikubiye muri ririya tangazo, maze bamusubiza ko hari ibyateganyijwe gukorwa, kandi ko bitari ngombwa ko ahagarika umutima ku bijyanye n'ibyashoboraga kuba cyangwa se ntibibeho.

Uku kuri gushimangirwa n'amagambo akurikira yanditswe n'abanditsi bo ha mbere:

"Tubikesheje ubwato bw'Ubufaransa bwomotse ku italiki ya 24, tubona inama zatanze na Egipta ku italiki ya 16. Izo nama zigaragaza umwanzuro w'umwami wa Egipta hatavanywemo n'inyuguti n'imwe. Yishingikirije ku butwari bw'ingabo z'Abarabu, no ku gukomera kw'ibihome birinze umurwa mukuru w'igihugu cye, asa n'uwari wiyemeje kumvira amahitamo aheruka; kubera iyo mpamvu rero, noneho ni ibintu bitashoboraga gukumirwa ko hari hariho ibyiringiro byose by'uko ikibazo gishobora kurangira hatabayeho kumeneka kw'amaraso. Uwo mwanya intumwa ipfuye ijisho rimwe ikimara kuhagera izanye amakuru yavuye mu nama y'umushyikirano y'ibihugu bine, bivugwa ko Mehemeti Ali yavuye i Alegizandriya kugira ngo azenguruke gato amajyepfo ya Egipta. Impamvu imwe yo kwihunza umujyi atyo mu gihe nk'icyo kwari ukugira ngo ataboneka mu nama nkemurampaka yajyaga kumuhuza n'abayobozi b'ibihugu byo mu Burayi, ariko impamvu nyamukuru yari iyo kugira ngo yigeragereze ku giti cye kwishakira abamushyigikira bo mu miryango y'Ababeduwe (abatunzi b'Abarabu), bityo bikaba byamworohereza maze imigambi ye mishya igashyigikirwa. Muri icyo gihe atari mu murwa, ubwato bwa Turukiya bwari bwazanye intumwa yitwa Rifat Bey, bwari bwomotse ku italiki ya 11, bwari bwashyizwe mu kato ahatagerwa ku bw'itegeko ry'umwami, kandi ntibwakundirwa kuva mu cyambu kugeza ku italiki ya 16. Nyamara mbere yuko ubwo bwato buhava, ndetse ku munsu bwemererwagaho gukoresha icyo cyambu, intumwa twavuze yahawe uburenganzira bwo kubonana n'umwami, maze imumenyesha itegeko ry'umwami wa Turukiya, ku byerekeye uburyo agomba kuva mu ntara za Siriya, bityo umwami amwemerera kongera kuvugana na we ku munsu ukurikiraho ari nabwo yari kumuha igisubizo cya nyuma ari imbere y'abategetsi bakomeye bo mu bihugu by'Uburayi maze akamumenyesha iby'amahitamo ye yo kwanga kumvira. Yamuhaye iminsi icumi yari yemerewe n'inama y'umushyikirano kugira ngo atekereze ku cyemezo agomba gufata ku bijyanye n'inzira ikwiriye agomba kunyuramo."²⁶⁵

²⁶⁵ London Morning Chronicle, September 18, 1840, extract from a correspondent's letter dated "Constantinople, August 27, 1840"

Amakuru ava mu kinyamakuru cy'Ubwongereza cyitwa *Morning Chronicle*, mu nkuru yanditswe kuri Konstantinople ku italiki ya 12 Kanama 1840, aravuga ngo:

"Nshobora kongera ikintu gito ku rwandiko rwanjye rwa nyuma nanditse ku nsanganyamatsiko y'imigambi ibyo bihugu bikomeye uko ari bine byari bifite; kandi nizera ko ibyo nababwiye mu magambo arambuye kuri yo bikubiyemo ikintu cyose kizafatwaho icyemezo icyo gihe. Umugabane w'umwami wa Egipta, nk'uko nabivuze cya gihe, ntabwo uzarenga Acre, kandi nta n'ubwo ubarirwamo Arabiya cyangwa Kandiya. Egipta yonyine ni yo azahabwa kuko ayemererwa nk'umurage w'umuryango, kandi intara ya Acre igafatwa nk'ingarigari y'umwami agomba gutegeka mu gihe cyose akiriho, ariko nyuma y'urupfu rwe igategekwa hakurikijwe ubushake bw'Ubuyobozi bukuru bw'ubwami bwa Egipta. Ndetse n'iyi ngarigari azayibwa ari uko abanje kwemera ingingo zose zikubiye muri aya masezerano kandi akemera kurekura amato y'intambara y'ubwami bw'Abotomani mu gihe cy'iminsi cumi. Igihe azaba atemeye kugenza atyo, iyi ngarigari izakurwaho. Egipta yonyine ni yo azaba agomba guhabwa, ndetse agahabwa iminsi icumi yo kubitekerezaho mbere yuko hakoresha ingufu zifatika mu kumurwanya. Nyamara uburyo bwo gukoresha ingufu naramuka yanze gukurikiza ibikubiye muri aya masezerano —(nko kumuzitira ntarenge ingabano z'igihugu cye cyangwa umurwa mukuru w'igihugu cye ukaraswaho ibisasu bikomeye, kandi ingabo ze aho ziri hose mu ntara za Siriya zikagabwaho ibitero)—buzatekerezawaho; ndetse nta nubwo ubutumwa yagejejweho n'abahagarariye ibihugu bane ejo hashize, ku gisubizo bari babajijwe n'Inama nkuru y'ubwami bwa Egipta ku byerekeye umugambi washyirwa mu bikorwa ikintu nk'icyo kiramutse kibayeho, bwumvikanisha nibura ku rwego runaka iyi nsanganyamatsiko. Buvuga gusa ko hari ibyateganyijwe gukorwa, kandi ko guhagarika umutima k'umwami wa Turukiya ku bijyanye n'icyakorwa nyuma yaho cyangwa se ntigikorwe atari ngombwa."²⁶⁶

Mutyo dusesengure aya magambo tugezeho:

Icyamba mbere.—Iri tangazo simusiga ryageze i Alegizandria (umurwa mukuru wa Egipta/Misiri) ku italiki ya 11 Kanama, 1840.

Icyamba kabiri.—Urwandiko rwandikiwe i Londoni mu kinyamakuru cyitwa *Morning Chronicle* ruriho amatariki yerekana ko rwanditswe ku italiki ya 12 Kanama 1840.

Icyamba gatatu.—Uwanditse urwandiko avuga yuko ikibazo cy'Ubuyobozi bw'ubwami bwa Egipta cyagejejwe ku bari bahagarariye ibihugu bine bikomeye, n'igisubizo cyabonetse ejo "hashize." Bityo, mu murwa mukuru w'igihugu cye, "ejo hashize" Ubuyobozi bukuru bw'igihugu cya Egipta bwashyirije abahagarariye ibyo bihugu bine by'abakristo byo mu Burayi ku bijyanye n'ibyemezo byari byafashwe bifite aho bihuriye n'ibintu byari kuba

²⁶⁶ Ibid., September 3, 1840.

bikagira icyo bitwara ubwami bwe; maze abwirwa ko “hari ibyari byateganyijwe” nyamara akaba atarashoboraga kubimenya; ndetse ko bitari ngombwa ko ahagarikwa umutima “n’ibyashoboraga kubaho cyangwa se ntibinabeho”! Uhereye uwo munsu “ejo hashize” ari ho hari *ku italiki ya 11 Kanama, 1840*—ibyo bihugu by’abakristo uko ari bine by’i Burayi, ni byo byagombaga kwishyiraho ibirebana n’icyo kibazo, ntabwo ari we ubwe byari kuba bireba.

Ku italiki ya 11 Kanama 1840, igihe cy’imyaka 391 n’iminsi cumi n’itanu, Ubwami bw’Abotomani bwari bwahawe ngo bukomeze kubaho ni bwo cyarangiyeye. *None se kwigenga k’umwami wa Turukiya kwari kuri hehe?* – NTABWARI BUGIHARI! Ni nde wari ufite ubuyobozi bw’ubwami bw’Abotomani mu biganza bye?—Ni bya bihugu bine bikomeye; kandi ubwo bwami bwabayeho gusa uhereye igihe ibyo bihugu by’abakristo byabwemereraga kubaho. Ng’uko uko ubuhanuzi bwashoye nk’uko bwari bwaravuzwe.

Uhereye igihe hatangazwaga ku nshuro ya mbere uburyo iki kibazo cyari cyizweho mu mwaka wa 1838, nk’uko byavuzwe mbere, igihe cyavuzwe ubuhanuzi bwagombaga gusohoreramo cyategerejwe imyaka ibihumbi abantu babifitiye amatsiko. Igihe nyacyo cyo gusohorezwamo ibyari byarahanuwe, kikerekana ubusobanuro nyabwo bw’ubuhanuzi nk’uko byagenze, cyahaye imbaraga nyinshi inyigisho yo kugaruka kwa Kristo yatangiye muri icyo gihe gukangura imitima y’abatuye mu isi.

UMURONGO WA 20 Nyamara abantu basigaye batishwe n’ibyo byago, ntibarakihana imirimo y’intoki zabo ngo bareke gusenga abadayimoni n’ibishushanyo byacuzwe mu izahabu no mu ifeza, no mu miringa n’ibyaremwe mu mabuye no mu biti bitabasha kureba cyangwa kumva cyangwa kugenda, 21 habe ngo bihane ubwicanyi bwabo cyangwa uburozi, cyangwa ubusambanyi cyangwa ubujura.

Imana igena ko abantu bazita ku by’imanza zayo, ndetse bakakira amasomo yagenyeye kubigishirizamo. Ariko mbega ukuntu abantu batihutira kwiga! Kandi mbega ukuntu ari impumyi mu bijyanye no kwita ku kugiraneza kw’ijuru! Ibintu byabaye igihe impanda ya gatandatu yari ivuze, ni byo bigize ishyano rya kabiri, nyamara aya mateka y’Imana ntiyateye abantu guhindura imyifatire yabo ndetse n’imico y’abantu. Abarokotse ayo mateka nta kintu na kimwe bigeze bayigiraho igihe yari yigaragaje mu isi.

Imitwe y’ingabo z’Abasaraseni n’Abanyaturukiya yararekuwe igenda ari ikiboko n’igihano ku turere twarangwamo ubukristo ariko twari twarahakanye Imana. Abantu bagezweho n’igihano, nyamara nta somo na rimwe bacyigiyemo.

KUBWIRIZA UBUTUMWA BWO KUGARUKA KWA YESU MU ISI YOSE

IBYAHISHUWE 10

UMURONGO WA 1 Mbona marayika wundi ukomeye amanuka ava mu ijuru yambaye igicu, umukororombya uri ku mutwe we, mu maso he hasa n'izuba, ibirenge bye bisa n'inkingi z'umuriro. 2 Mu intoki ze yari afite agatabo kabumbutse. Nuko ashyira ikirenge cye cy'iburyo ku nyanja, n'icy'ibumoso agishyira ku butaka.

Muri iyi mirongo yo mu byanditswe tubonamo urundi rugero aho tubona urukurikirane rw'igitekerezo rurowa mu gihe cy'akanya runaka. Mu Byahishuwe igice cya 9 cyashyirijwe ku mpanda ya gatandatu. Bityo uhariye ku mpanda ya gatandatu ukagenda ukagera mu Byahishuwe 11: 15, ntabwo impanda ya karindwi ivuzwa. Ku bw'ibyo rero, igice cya 10 cyose n'umugabane w'igice cya 11 biza ari nk'amagambo y'inyongera y'ubusobanuro ari hagati y'impanda ya gatandatu n'impanda ya karindwi. Ibifitanye isano yihariye no kuvuzwa kw'impanda ya gatandatu bivugwa mu gice cya 9. Hari ikindi kintu umuhanuzi avugaho mbere yo kuvuzwa kw'indi mpanda, kandi afata akanya ko kubikora mu byanditswe biboneka hagati aho ugakomeza ukageza ku Byahishuwe 11:15. Muri ibyo bintu harimo n'ubuhanuzi buri mu gice cya 10. Nimureke tugende intambwe ku yindi tureba ukurikirane rw'ubutumwa bw'uyu mumarayika.

Agatabo.—“Mu ntoki ze yari afite agatabo kabumbutse.” Dushobora guhera kuri iyi mvugo, tukavuga yuko mu gihe runaka aka gatabo kari kabumbwe. Dusoma muri Daniyeli iby'igitabo kibumbye kigafatanishwa ikimenyetso mu gihe runaka: “Nuko Daniyeli, bumba igitabo ugifatanishe ikimenyetso kugeza igihe cy'imperuka, benshi bazajajajara hirya no hino

kandi ubwenge buzagwira.” (Daniyeli 12:4). Kubera ko iki gitabo cyabumbwe kugeza ku mperuka y'ibihe, igikurikiraho ni uko ku iherezo ry'ibihe, igitabo cyagombaga kubumburwa. Kubera ko uku kubumbwa kw'igitabo kwavuzwe mu buhanuzi, byaba bifite ishingiro gutegereza ko ibintu byahanuwe bizabaho mu gihe cy'imperuka, kubumburwa kw'iki gitabo kwashobora na ko kuvugwa. Nta kindi gitabo cyigeze kivugwaho ko cyabumbwe kigafatanishwa ikimenyetso uretse igitabo cy'ubuhanuzi bwa Daniyeli, kandi nta hantu handitswe ibyerekeranye no kubumburwa kw'icyo gitabo, keretse gusa kiramutse ari iki gitabo kivugwa mu Byahishuwe igice cya 10. Na none twongera kubona ko icyo ibyo bitabo byombi byari byandikiwe ari ikintu kimwe. Igitabo Daniyeli yahawe amabwiririza yo kubumba ndetse akagifatanisha ikimenyetso cyari cyerekeje ku bihe: “Ibyo bitangaza bizageza ryari?” (Daniyeli 12:6). Igihe marayika wo muri iki gice amanuka ava mu ijuru afite agatabo kabumbuwe, ari na ko ashingiraho ibyo avuga, atanga ubutumwa bufitanye isano n'igihe nk'uko tuzabibona ku murongo wa 6. Nta kindi gikenewe kirenze ibi cyo kwerekana ko ibi bitabo byombi birengurira ku gitabo kimwe, no guhamya ko agatabo gato marayika afite mu kiganza cye kabumbuye, ari cya gitabo ubuhanuzi bwa Daniyeli burenguriraho.

Noneho mu muhati wacu wo kwerekana urukurikirane rw'ubutumwa bw'uyu mumarayika ingingo ifite akamaro irashimangiwe. Twabonye yuko ubuhanuzi, by'umwihariko ibihe by'ubuhanuzi bwo muri Daniyeli, butari kubumburwa kugeza ku bihe by'imperuka. Niba icyo gitabo ari cyo marayika yari afite mu kiganza kibumbuwe, igikurikiraho ni ukubona ko marayika atangaza ubutumwa bwe nyuma y'uko igitabo cyagombaga kuba cyarabumbuwe, cyangwa se mu gihe runaka ahagana mu ntangiriro z'ibihe by'imperuka. Igisigaye gusa kuri iyi ngingo, ni uguhamya tudashidikanya igihe 'ibihe by'imperuka' byatangiriye, kandi igitabo cya Daniyeli ubwacyo kiduha ibyo tubasha guheraho kugira ngo ibyo bishoboke. Muri Daniyeli 11:30, tubabona ububasha bw'ubupapa. Mu murongo wa 35 tuhasoma aya magambo ngo: “Kandi bamwe muri abo banyabwenge bazicwa kugira ngo bacishwe mu ruganda, batunganywe, bere kugeza igihe cy'imperuka.” Hano ni cyo gihe cyo gukomera k'ububasha bw'agahembe gato, kandi ni muri icyo gihe abera, ibihe, n'amategako byagombaga gushyirwa mu biganza by'ubwo bubasha, ndetse bakababazwa n'akarengane bwari kubakorera. Ibyo bivugwa ko bizageza ku mperuka y'ibihe. Icyo gihe cyarangiye mu mwaka wa 1798 N.K., ari na cyo gihe imyaka 1260 yo gukomera k'ubupapa yarangiye. Aho ni ho igihe cy'imperuka cyatangiriye, kandi ni bwo igitabo cyabumbuwe. Uhereye icyo gihe abantu bakubise hirya no hino, ndetse ubumenyi ku byerekeye kuri izi nsanganayamatsiko z'ubuhanuzi bwariyongereye ku buryo butangaje. (Reba ubusobanuro bwo muri Daniyeli 12:4).

Urukurikirane rw'ibyabaye ku Byahishuwe 10 rwongera guhamywa n'uko uyu mumarayika asa na marayika wa mbere uri mu Byahishuwe 14. Ingingo zerekana ugusa kuri hagati yabo kwigaragaza mu buryo bworoshye:

bombi bafite ubutumwa budasanze bagomba gutangaza. Bombi bavugaga ubutumwa bwabo mu ijwi riranga. Bombi bakoresha imvugo imwe irengurira ku Muremyi, wahanze ijuru n'isi, inyanja n'ibirimo byose. Ndetse bombi batangaza iby'igihe, umwe akavugaga arahira ko hatazongera kubaho igihe ukundi, undi agatangaza ko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye.

Ariko ubutumwa buri mu Byahishuwe 14: 6 buvugwa mu ntangiriro z'igihe ukageza ku mperuka y'igihe. Ni ugutangazwa k'uko igihe cy'urubanza rw'Imana gisohoye, kandi kubw'ibyo, ubusoobanuro bwabyo bugomba kuba bureba abazaba bariho mu gihe giheruka. Pawulo ntiyigeze abwiriza ko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye. Maritini Luther na bagenzi be ntabwo babwirije ibyo. Pawulo yateraga abantu gutekereza ku rubanza ruzaza mu gihe kitazwi mu bihe bizaza, noneho Luteri we ashyira urwo rubanza nibura mu myaka 300 izakurikira igihe yari arimo. Na none Pawulo aburira itorero ku bijyanye no kubwiriza ibyerekeranye n'igihe cy'urubanza rw'Imana, kugeza ubwo igihe runaka kizaba kigeze. Aravugaga ati: "Turabingira bene Data, ku bwo kuzaza k'Umwami wacu Yesu Kristo no kuzamuteranirizwaho kwacu, kugira ngo mutanamuka vuba mukava mu bwenge cyangwa ngo muhagarike imitima, naho mwaba mubitewe n'umwuka cyangwa n'ijambo cyangwa n'urwandiko rukeya ko ruvuye kuri twe, bihamya yuko umunsi w'Umwami wacu umaze gusohora. Ntihakagire umuntu uboshya uburyo bwose, kuko uwo munsi utazaza kurya kwimura Imana kutabanje kubaho, kandi urya munyabugome atarahishurwa ari we mwana wo kurimbuka. (2Abatesalonike 2:1-3). Hano Pawulo atubwira iby'umunyabugome, agahembe gato, cyangwa se ubupapa, maze akabiherekeresha umuburo ku byerekeye igihe cyose cyo gukomera kwe, cyakomeje mu gihe cy'imyaka 1260, kikarangira mu mwaka wa 1798 nk'uko twamaze kubibona.

Bityo rero, mu mwaka wa 1798, amabwiriza abuzanya gutangaza iby'uko umunsi wo kugaruka kwa Kristo kwegereye yarahagaze. Mu mwaka wa 1798 igihe cy'imperuka cyaratangiye, kandi ikimenyetso gikurwa ku gatabo. Bityo rero, uherye muri icyo gihe, marayika uvugwa mu Byahishuwe 14 yaragiye atangira gutangaza ko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye. Uherye icyo gihe kandi, ni bwo marayika wo mu gice cya cumi yahagaze ku nyanja no ku butaka maze akarahira ko hatazongera kubaho igihe ukundi. Ku bijyanye n'uko abo bamarayika basa nta kibazo cyabibonekamo. Ibitekerezo byose bitangwa byerekana ko aho waherereza umwe ari na ho wasanga undi rwose.

Si ngombwa ko tujya mu byo gutanga ibitekerezo byinshi birenze ibi kugira ngo twerekane ko abantu bariho muri iki gihe bari kubona gusohora k'ubu buhanuzi bwombi. Mu gihe cyo kubwiriza ibyo kugaruka kwa Kristo, by'umwihariko guhera mu mwaka wa 1840 kugeza mu 1844, ubu buhanuzi bwombi bwatangiye gusohora ndetse bijyanirana n'ibimenyetso biranga uko gusohora kwabwo. Uburyo uyu mumarayika yari ahagazemo, ikirenge kimwe kiri ku Nyanja ikindi kiri ku butaka, bwerekana uburyo ubutumwa

bwagombaga kugera kure cyane, ku Nyanja no ku butaka. Iyo ubu butumwa buza kuba bugenewe igihugu kimwe gusa, byari kuba bihagije ko marayika ahagarara ku butaka gusa. Nyamara ikirenge cye kimwe cyari kiri ku Nyanja, ibyo dushobora kubiharaho tukavuga ko ubutumwa bwe bwagombaga kwambukiranya inyanja, bukahuranya bukagera mu bihugu bitandukanye no ku migabane y'isi itandukanye. Ubu busobanuro bwongerwamo imbaraga n'uko kubwiriza ibyo kugaruka kwa Kristo kwavuzweho haruguru kwagiye koko kukagera ahantu ubutumwa bwageze mu isi. Ibirenze ibyo tubonye kuri iki kintu tuzabibona mu Byahishuwe igice cya 14.

UMURONGO WA 3 Arangurura ijwi rirenga nk'uko intare yivuga, avuze iryo jwi rirenga guhinda kurindwi kw'inkuba kuvuga amajwi yako. 4 Kandi guhinda kurindwi kw'inkuba kumaze kuvuga, nari ngiye kwandika nuko numva ijwi rivugira mu ijuru rimbwira riti "Iby'uko guhinda kurindwi kw'inkuba kuvuze ubizigame, bibe ubwiru ntubyandike."

Guhinda Kurindwi kw'Inkuba.—Ntacyo byaba bimaze gutinda ku guhinda kurindwi kw'inkuba, mu cyizere cy'uko dushobora kumenya neza icyo zavuze. Birumvikana ko hari ikintu cyavuzwe bikaba bitari byiza ko itorero rikimenya. Tugomba kwemera amabwiriza yahawe Yohana ku byerekeye izo nkuba tutagombye kuja impaka, nuko tukazihorera nk'uko na we yabigenje, akazishyiraho ikimenyetso, ntabyandike, kubw'ibyo tukaba tutazi ibyazo.

UMURONGO WA 5 Marayika nabonye ahagaze ku nyanja no ku butaka amanika ukuboko kwe kw'iburyo, agutunga mu ijuru 6 arahira Ihoraho iteka ryose yaremeye ijuru n'ibirimo, n'isi n'ibiyirimo n'inyanja n'ibiyirimo ati "Ntihazabaho igihe ukundi."

"Ntihazabaho Igihe Ukundi."—Ni ubuhe busobanuro bw'aya magambo akomeye? Dushingiye ku butumwa bw'uyu mumarayika, ntibishobora gusobanura yuko igihe nk'uko tukibara hano mu isi kitari gikwiriye kongera kubaho ukigereranyije n'igihe cy'iteka ryose. Umurongo ukurikiraho uvuga iby'iminsi y'ijwi rya marayika wa karindwi, kandi mu Byahishuwe 11:15-19 haduha bimwe mu bintu bibaho mu gihe cyo kuvuga kw'iyi mpanda muri iki gihe. Ntibishobora gusobanura igihe cyo kwemererwamo, kubera yuko kidahagarara kugeza igihe Kristo arangirije umurimo we w'ubutambyi, kandi icyo ntabwo kibaho kugeza ubwo marayika wa karindwi atangira kuvuza impanda. (Ibyahishuwe 11:15, 19; 15:5-8). Bityo rero kigomba kuba gisobanuye igihe cya gihanuzi, kubera yuko nta kindi gihari gishobora kuba kirenguriraho.

Ijambo "igihe" riboneka muri uyu murongo, risobanurwa mu ngeri ya Bibiliya ivuguruye y'Abanyamerika nko "gutinda", bikaba ari ubusobanuro butamenyerewe bwo mu Kigiriki cy'umwimerere bw'ijambo "chronos" risobanura "igihe", kandi rikaba ari ryo ryonyine riboneka mu Isezerano Rishya. Biragaragara ko uwahinduraga avana mu rurimi rumwe ajyana mu

rundi atari afite mu bitekerezo bye icyerekezo cy'igihe cya gihanuzi, kandi akaba atarashoboraga gushishoza ngo agere ku bundi busobanuro bw'iri jambo uretse "gutinda". Nubwo iri jambo ryakwemerwa nk'ubusobanuro bukwiriye umuntu aramutse ashyizeho inyongera ndetse akegerageza guhuza ibintu n'ibindi igihe uburyo ryakoreshejwemo busa naho bushyigikira ubusobanuro butanzwe, nta kintu na kimwe kiri mu murongo wa 6 gisaba ubu busobanuro. Mu by'ukuri, ugusharirirwa kwakurikiye imvugoshusho yo kurya agatabo biboneka mu murongo wa 8-10 ni ko mpamvu kuza k'Umwami kwagombaga *gutinda* kurenza uko byari byitezwe n'abari bamutegereje mu mwaka wa 1844—kandi iyi ni yo mpamvu nyayo umurimo wabo wo kubwiriza ubutumwa bwiza wari utararangira, nk'uko bigaragara neza mu murongo wa 11. Mu by'ukuri mu itangazo ritangwa hashyizwemo imbaraga nyinshi nk'irivugwa mu murongo wa 6, niba *gutinda* ari byo bigenderewe aho kuba *igihe* (cya gihanuzi), ijambo rikomeza kugaruka ryo "gutinda" ari ryo "*anabole*" rishobora gukoreshwa, nk'uko biri mu Byakozwe n'Intumwa 25:17 cyangwa hagakoreshwa "*okneo*" na ryo riboneka mu Byakozwe n'Intumwa 9: 38. Ni ukuri ko inshinga ikomoka ku ijambo "*chronos*", by'umwihariko inshinga "*chronizei*", ikoreshwa mu gusobanura *gutinda* nk'uko bimeze muri Matayo 24: 48 na Luka 12:45. Nyamara *chronizei* isobanura gusa "kumara igihe" cyangwa "kureka igihe kigahita." Muri ubu buryo aho akaba ari ho ikura ubusobanuro bwo "gutinda". Nyamara ijambo *chronos* ryerekana igihe mu buryo buhamye, kandi impamvu yose yadutera kwemera ko ubu ari bwo busobanuro (mu mvugo ya gihanuzi) bwakoreshejwe mu murongo wa 6; kandi ko ubwo rikoreshejwe mu kuvuga ibizaba bifitanye isano n'ubuhanuzi bw'ingenzi cyane, gusobanukirwa kwacu ko birengurira ku gihe cya gihanuzi gufite ishingiro. Mu yandi magambo, ntihazongera kubaho ikindi gihe cya gihanuzi—bidashatse kuvuga ko icyo gihe kitazongera gukoreshwa mu buryo bwa gihanuzi kubera ko nta gushidikanya "iminsi y'ijwi rya marayika wa karindwi" yahise ivugwaho isobanuye *imyaka* y'ijwi rya marayika wa karindwi. Ahubwo bisobanuye yuko nta kindi gihe cya gihanuzi kizongera kubarwa nyuma y'ubu butumwa. Ibitekerezo bitangwa ku bijyanye n'ibihe bya gihanuzi byerekana yuko igihe kirekire muri byo kitarenze igihe cy'umwaka wa 1844; ibyo bigaragarira mu busobanuro bwo kuri Danieli 8:14.

UMURONGO WA 7 ahubwo mu minsi y'ijwi rya marayika wa karindwi ubwo azatangira kuvuza impanda, ni ho ubwiru bw'Imana buzaba busohoye nk'uko yabwiye imbata zayo ari zo bahanuzi."

Impanda ya Karindwi.—Iyi mpanda ya karindwi ntabwo ari ya yindi ivugwa mu 1 Abakorinto 15:52 nk'impanda iheruka, ya yindi ikangura abapfuye; ahubwo ni iya karindwi mu rukurikirane rw'impanda ndwi, kandi kimwe n'izindi mpanda zo muri uru rukurikirane, na yo ifite iminsi (imyaka) ya gihanuzi ibumbiye muri uko kuvuga kwayo. Mu minsi marayika azaba atangiye kuyivugirizamo, ubwiru bw'Imana buzaba burangiye. Ntabwo ari ku munsu azaba atangiye kuyivugirizaho, ntabwo ari ku munsu

w'intangiriro yo kuvuga kwayo, ahubwo ni mu myaka ibanza yo kuvuga kwayo; ni bwo ubwiru bw'Imana buzaba burangiye.

Uhereye ku bintu bitangira kubaho ubwo impanda ya karindwi iba ivuze, gutangira kuvuga kwayo umuntu ashobora kugushyira mu mpera z'ibihe bya gihanuzi mu mwaka wa 1844, adafite gushidikanya na guke. Mu bihe bikurikira uyu mwaka ni bwo ubwiru bw'Imana butangira. Ikintu gikomeye icyo cyaba ari cyo cyose, ni icy'ukuri kuri twe. Ni iby'agaciro kurangiza umurimo uwo ari wo wose mu mirimo y'Imana. Igikorwa nk'icyo cyerekana igihe gikomeye kandi cy'ingenzi. Igihe Umukiza wacu yapfiraga ku musaraba yaratatse ati: "Birarangiye." (Yohana 19:30). Igihe umurimo ukomeye w'imbabazi z'Imana ku banyabyaha uzaba urangiye, bizatangazwa n'ijwi rivugiye ku ntebe y'ubwami y'Imana, rivuge mu ijwi rimeze nk'iry'inkuba interuro ikomeye ngo "Birarangiye!" (Ibyahishuwe 16:17). Kubw'ibyo rero, si ikintu cyabura guhita kidutera kwibaza icyo ibyo bintu bisobanuye ku byiringiro byacu n'inyungu zacu z'iteka ryose. Igihe dusoma ibyo kurangira k'ubwiru bw'Imana, twibaza icyo ubwo bwiru ari cyo, n'icyo kurangira kwabwo gusobanura.

"Ubwiru bw'Imana."—Ibihamya bike bitaziguye byo mu ijamba ry'Imana, iryo twahawe nk'itabaza ry'ibirenge byacu, bizerekana icyo ubu bwiru ari cyo. Pawulo yaranditse ati: "Itumenyesheje ubwiru bw'ibyo ishaka ku bw'ineza y'ubushake bwayo, ari byo yagambiriye kera kugira ngo ibihe nibisohora ibone uko iteraniriza ibintu byose muri Kristo, ari ibiri mu ijuru cyangwa ibiri mu isi." (Abefeso 1:9, 10). Hano umugambi w'Imana wo guteranyiriza ibintu byose hamwe muri Kristo byitwa "ubwiru" bw'Imana bw'ubushake bwayo. Ibi bisohorezwa mu butumwa bwiza. "Kandi nanjye [Pawulo arasaba ko bamusabira] munsabire mpabwe kuvuga nshize amanga uko mbumbuye akanwa, kugira ngo menyeshe abantu ubwiru bw'ubutumwa bwiza." (Abefeso 6:19). Hano ubutumwa bwiza buvugwa mu buryo bweruye ko ari "ubwiru". Mu Bakolosayi 4: 3 bwitwa ubwiru bwa Kristo. Na none, ko mpishurirwa ubwiru bwayo mu iyerekwa (nk'uko nabanje kwandika mu magambo make), ... yuko abanyamahanga ari abaraganwa natwe kandi bakaba ingingo z'umubiri umwe natwe, abaheshejwe n'ubutumwa bwiza kuzagabana natwe muri Kristo Yesu ibyasezeranijwe. (Abefeso 3: 3, 6). Hano Pawulo aravuga ko yamenyeshejwe ubwiru binyuze mu iyerekwa nk'uko yari yarabyanditse mbere. Muri ibi ngibi ararengurira ku rwandiko yandikiye Abagalatiya, aho avuga ibyo yari yarahawe binyuze mu "iyerekwa" muri aya magambo ati: "Bene Data, ndabamenyesha yuko ubutumwa bwiza navuze atari ubw'abantu 12 kuko nanjye ntabuhawe n'umuntu, kandi sinabwigishijwe n'umuntu, ahubwo ni Yesu Kristo wabumpishuriye." (Abagalatiya 1:11, 12). Hano Pawulo aratubwira mu buryo bweruye ko ibyo yaherewe mu iyerekwa ari ubutumwa bwiza. Mu Befeso 3: 3, abwita ubwiru yamenyeshejwe binyuze mu iyerekwa, nk'uko yari yarabyanditse mbere. Urwandiko rwandikiwe Abagalatiya rwanditswe ahagana muri 54 N.K., naho urwandikiwe Abefeso rukaba rwaranditswe ahagana muri 65 N.K.

Dushingiye kuri ibi bihamya, bake gusa ni bo bazahakana ko ubwiru bw'Imana ari ubutumwa bwiza. Bityo rero, ni nako bimeze, mbese nk'aho marayika yari kuba yaravuze ati: Mu minsi y'ijwi rya marayika wa karindwi, igihe azaba atangiye kuvuza impanda, ubutumwa bwiza buzarangizwa. Ariko se ni iki kizarangiza ubutumwa bwiza? Nimutyo tubanze twibaze icyo bwatangiye icyo ari cyo. Bwatangiye kugira ngo buvane mu mahanga ubwoko bwitirirwa izina ry'Imana. (Ibyakozwe n'intumwa 15: 14). Kurangira kwabwo mu by'ukuri, kugomba kuba ari ukurangira k'umurimo. Buzarangira igihe umubare w'abantu b'Imana uzaba wuzuye, igihe imbabazi zizaba zirangiye, igihe cyo kwemererwamo kikaba kigeze ku iherezo.

Iyi nsanganyamatsiko noneho iri imbere yacu uko yakabaye. Uyu ni umurimo ukomeye ugomba kurangira mu minsi ijwi rya marayika wa karindwi rivugiramo, wa wundi ufite impanda ivuga ijwi ryirangira kenshi rikarangururira mu isi uherye mu gihe kitazibagirana cy'umwaka wa 1844. Ntabwo Imana ari ikigwari. Mu murimo wayo ntabwo ikora ibyo itazi. Mbese ibyo turabyiteguye?

UMURONGO WA 8 Nuko rya jwi numvise rivugira mu ijuru, nongera kuryumva rimbwira riti "Genda wende ka gatabo kabumbutse kari mu ntoki za marayika uhagaze ku nyanja no ku butaka." 9 Nuko nsanga marayika uwo ndamubwira nti "Mpa ako gatabo." Aransubiza ati "Enda ugaconshomere, karagusharirira mu nda ariko mu kanwa kawe karakuryohera nk'ubuki." 10 Nenda ako gatabo, ngakura mu intoki za marayika ndagaconshomera. Mu kanwa kanjye karyohera nk'ubuki, ariko maze kukarya mu nda yanjye harasharirirwa.

Hano Yohana ashyizwe mu mwanya wo kugira icyo akora nk'uhagarariye itorerero, ahari ngo aje mu mwanya wo kugira imibereho idasanzwe itorerero ryari gukurikiraho ryajyaga kugira, iyo Imana yo nyiri ubuhanuzi yashoboraga kwandikisha, nyamara ikaba itari kugaragazwa hakoreshejwe ishusho ya marayika. Igihe gutangazwa k'ubutumwa gukoze mu buryo bwahuranyije gusa ari ko tugaragarijwe, abamarayika bashobora gukoreshwa kugira ngo bahagararire abigisha b'iby'iyobokamana bamenyesha abantu ubwo butumwa, nk'uko mu Byahishuwe 14 bimeze. Nyamara igihe imibereho yihariye y'itorero ari yo igomba kugaragazwa, ishobora kwerekanwa neza hakoreshejwe ishusho y'umuntu wo mu muryango w'inyokomuntu. Ku bw'iyi mpamvu, Yohana ubwe ahamagarirwa gukora uyu murimo mu ishusho y'abandi bantu ahagarariye. Ubwo rero ari uku bimeze, marayika wiyeretse Yohana ashobora guhagararira ya ntumwa mvajuru yari izanye ubu butumwa; cyangwa se agakoreshwa kugira ngo yerekane imiterere y'ubwo butumwa, n'aho ubwo butumwa buturutse.

Kuryohera no Gusharira.—Marayika wo muri iki gice "afite mu ntoki ze agatabo kabumbuwe." Mu busobanuro bwatanzwe mu murongo wa 2, twerekanye ko aka "gatabo" ari cya gitabo cya Daniyeli cyagombaga "gushyirwaho ikimenyetso kugeza ku mperuka." (Daniyeli 12:9).

Cyagombaga kubumburwa gusa igihe ubwo buhanuzi bwari gushobora gusobanukira abantu.

Mu busobanuro bwatanzwe kuri Daniyeli 8:14, byerekanywe ko umurimo wo kweza ubuturo bwo mu ijuru watangiye mu mwaka wa 1844. Abigishwa b'ubuhanuzi bavumbuye ibi ngibi, bumvaga ko ubuturo ari isi, nuko bagira kwibeshya mu gutekereza yuko kweza ubuturo byari bisobanuye ko Umwami yashoboraga kuza akeza isi ho guhumana kwayo n'icyaha muri icyo gihe.

Ubu butumwa bwo kugaruka k'Umwami ko mu muhindo wo mu mwaka wa 1844 bwakwiriye mu buryo bwihuse muri Amerika no mu bindi bice by'isi. Bwakoze mu mitima y'abantu ku buryo bukomeye, maze bukungura amatorero y'Abaprotestanti bo muri icyo gihe. Abantu ibihumbi byinshi bategereje kugaruka k'Umwami mu iherezo ry'igihe gikomeye cya gihanuzi cy'iminsi 2300 mu mwaka wa 1844. (Reba muri Daniyeli 8: 14; 9: 25-27). Imyiteguro yose yarakozwe kugira ngo bazamusanganire mu byishimo n'umunezero, maze nyuma yaho haza ugusharirirwa gutewe no gucika intege kubera ko batabonye uwo bari bategereje, kuko Umwami ataje. Kwibeshya kwabo kwari kuri mu kudasobanukirwa neza kwabo icyagombaga kubaho mu iherezo ry'igihe cya gihanuzi. Ntabwo kwari ukwibeshya ku gihe ubwacyo.

Muri ubwo buryo, dusoma mu murongo wa 10, iby "agatabo karyoheraga mu kanwa nk'ubuki: ariko nkimara kukarya, kansharirira mu nda."

Undi Murimo Ugomba Gukorwa.—Nubwo byagenze bityo, ntabwo kutabona uwo bari bategereje ari igihamba cy'uko Umwami yari agumye hamwe atanyeganyega, kubera ko muri iki gice cya 10 cy'Ibyahishuwe, yari yiteze ko iyi mibereho itorero ryanyuzemo ryari guhura na yo, kandi mu murongo uheruka yereka ubwoko bwe ko umurimo ugera mu isi yose yari akibafitiye bagombaga gukora mbere yuko atunguka ku bicu mu bwiza butangaje, kubera ko umurimo wabo wari utararangira. Tubona uyu murimo mu buryo bwuzuye mu butumwa bw'abamarayika batatu buboneka mu Byahishuwe igice cya 14. (Reba ibisa n'ibyabayeho bivugwa muri Yeremiya 15:16-18; Ezekiyeli 3: 1-3, 10).

UMURONGO WA 11 Arambwira ati "Ukwiriye kongera guhanura iby'amoko menshi n'amahanga menshi, n'indimi nyinshi n'abami benshi."

Hano Yohana nk'uhagarariye itorero, ahabwa na marayika ubutumwa agomba gusohozwa. Ubundi butumwa bwiyongera ku bwa marayika wa mbere n'ubwa marayika wa kabiri, bugomba kugezwa ku bari mu isi. Mu yandi magambo, hano tuhafite ubuhanuzi bw'ubutumwa bwa marayika wa gatatu buri mu rugendo rwo gusohozwa noneho nk'uko tubyizera. Nta nubwo uyu murimo uzakorwa mu gace kamwe k'isi, kubera ko ugomba kugenda ukagera ku "moko menshi, amahanga menshi, n'indimi nyinshi, n'abami benshi" nk'uko tuzabibona igihe tuzaba twiga Ibyahishuwe 14:6-12.

INTAMBARA HAGATI YA BIBILIYA N'UBUHANAMANA

IBYAHISHUWE 11

UMURONGO WA 1 Bampa urubingo rusa n'inkoni bati "Haguruka ugere urusengero rw'Imana n'igicaniro n'abasengeramo, 2 ariko urugo rw'urusengero urureke nturugere kuko rwahawe abanyamahanga, kandi umudugudu wera bazamara amezi mirongo ine n'abiri bawukandagira.

Hano turahabona aho amabwiriza marayika yari yatangiye guha Yohana mu gice kibanziriza iki akomereza. Bityo iyi mirongo ni iyo muri icyo gice neza neza, kandi ntikwiriye gutandukanywa n'uyu mugabane. Mu murongo uheruka w'Ibyahishuwe igice cya cumi, marayika yahaye Yohana umurimo mushya nk'umuntu uhagarariye itorero. Mu yandi magambo, nk'uko byagaragajwe mbere hose, muri uwo murongo dufitemo ubuhanuzi bw'ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Ubwo butumwa bufite aho buhuriye n'urusengero rw'Imana rwo mu ijuru, kandi bwateguriwe urwego rw'abantu runaka baramya Imana.

Urubingo Rugera.—Urusengero ruvugwa aha ntirushobora kuba itorero, kubera ko tubona itorero hano risanishwa n'urusengero nk'«nk'abarusengeramo.» Ku bw'ibyo rero, uru rusengero ni urusengero nyarwo rwo mu ijuru, noneho abarusengeramo bakaba ari itorero ry'ukuri ryo mu isi. Nyamara birumvika ko, abarusengeramo batagerwa mu rwego rwo kumenya metero cyangwa santimetero z'uburebure bwabo cyangwa ubunini. Bagomba kugerwa nk'abaramya Imana, kandi imico yabo igomba kugerwa hakurikijwe urugero ngenderwaho runaka rwo gukiranuka, amategako ndetse n'amahame agenga ibikorwa. Ibi bitugeza ku mwanzuro wo kuvuga yuko amategako cumi (urugerro ngenderwaho Imana yatanze kugira ngo hagerwe inshingano yose umuntu afite) ari umugabane w'urubingo rugera rwashyizwe mu biganza bya Yohana. Mu gusohozwa k'ubu buhanuzi mu gihe cy'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, aya mategeko yashyizwe mu buryo bw'umwihariko mu biganza by'itorero. Iki

ni igipimo ngenderwaho noneho cyifashishwa mu kugenzura abaramya Imana y'ukuri.

Noneho tumaze kureba icyo kugera abasengera mu rusengero bisobanura, twibaza iki kibazo gikurikira: Kugera urusengero bisobanuye iki? Kugera ikintu runaka bisaba ko habaho guhugukira icyo kintu mu buryo budasanzwe. Guhamagarirwa guhaguruka akagera urusengero rw'Imana, ni itegeko rya gihanuzi ryahawe itorero kugira ngo rihugukire mu buryo budasanzwe gusuzuma insanganyamatsiko y'urusengero cyangwa ubuturo. Ariko se ibi bigomba gukorwa bite hifashishijwe urubingo rugera rwahawe itorero? Hifashishijwe amategeko cumi yonyine, ntitwashobora kubikora. Nyamara igihe dufashe ubutumwa bwose uko bwakabaye, twisanga tuyobowe na bwo ku gusuzumana ubwitonzi iby'ubuturo bwo mu ijuru, ndetse n'amategeko y'Imana, n'umurimo Kristo akorera mu ijuru. Bityo rero twanzura tuvuga yuko urubingo rugera, turufashe rwose uko rwakabaye, kandi ni ubutumwa bwihariye noneho buhabwa itorero, buhuriza hamwe ukuri gukomeye k'umwihariko muri iki gihe, ndetse gukubiyemo amategeko y'Imana.

Ubu butumwa bwakanguriye ibitekerezo byacu ku kwita ku rusengero rwo mu ijuru, kandi binyuze muri bwo, twabonye umucyo n'ukuri ku bijyanye n'iyi nsanganyamatsiko. Ni muri ubwo buryo tugera urusengero n'igicaniro, cyangwa se umurimo ufutanye isano n'urusengero, ari wo umurimo Umutambyi wacu mukuru adukorerwa ndetse n'umwanya arimo. Nanone kandi tugera n'abarusengeramo twifashishije wa mugabane w'urubingo ufutanye isano n'imico, ari wo mategeko cumi.

«Urugo rw'urusengero urureke nturugere.» Ibi bigomba gusobanurwa nk'aho bishatse kuvuga ko itorero rigomba kwerekeza ibitekerezo byaryo ku mugabane w'imbere mu rusengero n'umurimo uhakorerwa. Ibyerekeranye n'ibikorera mu rugo rw'urusengero ntabwo bifite agaciro kanini nonaha. Bihabwa abanyamahanga. Ni muri ubwo buryo mu rugo h'urusengero hagereranywa n'iyi si: mu rugo ni ahantu ibitambo byasogoterwaga, amaraso yabyo akajyanwa gukoreshwa umurimo mu buturo. Igitambo nyakuri kigomba gupfira mu rugo rw'urusengero nyakuri, kandi Kristo yapfiriye i Kaluvari ho muri Yudaya. Muri ubwo buryo abanyamahanga bavugwa aha, ibitekerezo by'umuhanuzi byerekezwa ku mucyo ukomeye w'ubuhakanyi bw'abanyamahanga, ugusiribangwa k'umurwa wera mu gihe cy'amezi 42 yo muri icyo gihe. Muri ubu buryo, tugarurwa mu gihe cyahise mu buryo bw'impinduka yososhye kandi itagoye, kandi ibitekerezo byacu bigakangurirwa kwita ku rundi rukurikirane rw'ibintu byabayeho mu mateka.

UMURONGO WA 3 Abahamya banjye babiri nzabaha guhanura, bahanure iminsi igihumbi na magana abiri na mirongo itandatu bambaye ibigunira.”

Igihe kingana n'«iminsi igihumbi magana abiri na mirongo itandatu» kigenda kigarukwaho mu Byanditswe mu buryo butandukanye. Kigaragara mu buryo butatu bukurikira: Kigaragara,

Nk'iminsi 1260 muri uyu murongo no mu Byahishuwe 12:6.

Nk'amezi 42 mu Byahishuwe 11: 2 no mu gice cya 13: 5.

Nk'ibihe, igihe n'igice cy'igihe biboneka muri Daniyeli 7:25 no mu gice cya 12:7, ndetse no mu Byahishuwe 12:14.

Ibi byose birengurira ku kintu kimwe kandi ushobora kubibara mu buryo bworoshye. Igihe ni umwaka, nk'uko bigaragara neza muri Daniyeli 11: 13, mu busobanuro bw'umugereka. Umwaka ugizwe n'amezi cumi n'abiri, kandi ukwezi kwa Bibiliya kugizwe n'iminsi 30. Bityo rero tugera kuri ibi bukurikira:

Umwaka ugizwe n'amezi cumi n'abiri na yo y'iminsi 30 → iminsi 360

Ibihe bitatu n'igice cy'igihe, cyangwa ibihe, bigizwe n'iminsi 360 → iminsi 1260

Amezi 42 agizwe n'iminsi 30 → iminsi 1260

Umwaka ugizwe n'amezi 12 uzahita wigaragaza, ariko kuba ukwezi kugizwe n'iminsi 30 ahari bukurikira kwerekanwa neza. Ibi byaboneka neza umuntu yifashishije ibyanditswe ku mwuzure uboneka mu gitabo cy'Itangiriro igice cya 7 n'icya 8. Umuntu abasha kuhigira ibi bukurikira:

1. Umwuzure wateye ku munsu wa 17 w'ukwezi kwa 2. (Itangiriro 7: 11).
2. Amazi yagabanutse ku munsu wa 17 w'ukwezi kwa 7. (Itangiriro 8: 5).
3. Umwuzure warakomeje ugeza ku mezi atanu—uhereye mu kwezi kwa 2 ukageza mu kwezi kwa 7.

Wifashishije Itangiriro 7:24, herekana ko “amazi yadendeje ku isi mu gihe kingana n'iminsi ijana na mirongo itanu.” Imibare yacu twakoze yatweretse amezi atanu. Iyi ije ikurikiraho itubwiye iminsi 150; bityo dufite amezi atanu ahwana n'iminsi 150, ni ukuvuga ko iminsi 30 ihwanye n'ukwezi.

Muri ubu buryo, dufite urugero ruhamye rwo kubara ibihe bya gihanuzi, tuzirikana ko mu buhanuzi umunsu ungana n'umwaka usanzwe.

Abahamya Babiri.—Muri icyo gihe cy'imyaka 1260, abahamya bari bambaye ibigunira, cyangwa umwijima, kandi Imana ibaha ububasha bwo gukomeza no kunamba ku buhamya bwabo muri icyo gihe cy'umubabaro. Ariko se aba bahamya ni bande?

UMURONGO WA 4 Abo bahamya ni bo bita bya elayo bibiri n'ibiterako by'amatabaza bibiri, bihagarara imbere y'Umwami w'isi.

Bigaragara ko hano barengurira ku magambo ari mu gitabo cya Zekariya 4:11-14, ahasobanura ko ibiti bibiri bya Elayo bikoreshwa mu gushushanya ijamba ry'Imana. Dawidi ahamya atya ati: "Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge." kandi ngo "Ijamba ryawe ni itabaza ry'ibirenge byanjye, ni umucyo umurikira inzira yanjye." (Zaburi 119: 130, 105). Ibihamya byanditswe bigira imbaraga kurusha amagambo avuzwe. Yesu yavuze aya magambo ku Byanditswe byo mu Isezerano rya Kera ati "...kandi ari byo bimpamya." Yohana 5: 39

Uwitwa George Croly avuga aya magambo ati: "Abahamya babiri ni Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya. ... Intego nyamukuru y'Ibyanditswe Byera ni ugutanga *ubuhamya* ku byerekeye imbabazi z'Imana n'ukuri kwayo. Umwami wacu atanga iri tegeko ati 'murondore mu Byanditswe, ni byo bimpamya [bintangira *ubuhamya*]. Aya ni amagambo yabwirwaga Abayuda, kandi akagaragaza kamere ndetse n'umurimo w'Isezerano rya Kera. Isezerano Rishya na ryo rivugwaho mu buryo nk'ubwo ko ritanga *ubuhamya*. 'Ubu butumwa bwiza buzigishwa mu isi yose ngo bube *ubuhamya* bwo guhamiriza amahanga yose.' (Matayo 24: 14)."²⁶⁷

Aya magambo yose n'ibindi bintu byo kwitabwaho birahagije ngo bishyigikire umwanzuro uvuga yuko Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya ari abahamya babiri ba Kristo.

UMURONGO WA 5 Kandi iyo umuntu ashatse kubagirira nabi umuriro ubava mu kanwa ukotsa abanzi babo, kandi nihagira umuntu ushaka kubagirira nabi, uko ni ko akwiriye kwicwa.

Kugirira nabi ijamba ry'Imana ni ukurirwanya, kuryangiza, kugoreka ibihamya byaryo, no gukura abantu kuri ryo. Umuriro uva mu kanwa kabo ugakongora abakora umurimo nk'uyu; ni ukuvuga ko bacirwaho iteka ryo gukongorwa n'umuriro riboneka muri iryo jambo. Rivuga yuko bazabonera igihano cyabo mu nyanja yaka umuriro n'amazuku. (Malaki 4:1; Ibyahishuwe 20:15; 22:18, 19).

UMURONGO WA 6 Bafite ubushobozi bwo gukinga ijuru ngo imvura itagwa mu minsi yo guhanura kwabo, kandi bafite ubushobozi bwo guhindura amazi amaraso no guteza isi ibyago byose uko bashatse.

Ese ni mu buhe buryo aba bahamya bafite ubushobozi bwo gukinga ijuru, guhindura amazi amaraso, no guteza ibyago mu isi? Eliya yakinze ijuru ku buryo imvura yamaze imyaka itatu n'igice itagwa, nyamara yabikoze akoresheje ijamba ry'Uwitaka. Mose akoresheje ijamba ry'Uwitaka, amazi yo muri Egipta yayahinduye amaraso. Nk'uko ibi bihano byanditswe mu buhamya bwabo byashohojwe na bo, ni ko n'igiteye ubwoba ndetse n'urubanza ruvugwa na bo rucibwa abantu abo ari bo bose ruzasohora.

²⁶⁷ George Croly, *The Apocalypse of St. John*, p. 164.

"Uko bashatse" bisobanuye ko inshuro zose amateka yanditswe ku mpapuro z'abo bahamya ari zo nshuro ayo mateka azasohora ku bo yaciriweho. Urugero rw'ikintu nk'iki abari mu isi benda kuzahura na cyo, ni igihano cy'ibyago birindwi by'imperuka.

UMURONGO WA 7 Kandi nibarangiza guhamya kwabo, inyamaswa izazamuka ivuye ikuzimu irwane na bo, ibaneshe ibice. 8 Intumbi zabo zizarambarara mu nzira nyabagendwa yo mu mudugudu munini, ari wo witwa i Sodomu no muri Egiputa mu mvugo y'umwuka, ari na ho Umwami wabo yabambwe.

"Nibarangiza guhamya kwabo" ni ukuvuga "bambaye ibigunira." Igihe cyo kwambara ibigunira kizaba kirangiye, cyangwa nk'uko hari ahandi bivugwa ko iminsi yo kurenganywa kwabo yagabanijwe (Matayo 24: 22), mbere yuko icyo gihe ubwacyo kirangira. "Inyamaswa" mu buhanuzi yerekana ubwami, cyangwa ububasha. (Reba muri Daniyeli 7: 17, 23). Noneho ikibazo kihaboneka ni iki: Ni ryari igihe cyo kwambara ibigunira cyarangiye? Kandi se, ubwami bwerekanwe hano bwaba bwarabarwanije mu gihe cyavuzwe hano ni ubuhe? Niba nta kwihenda twagize mu gushimangira italiki yo mu mwaka wa 538 nk'igihe ibihe byo kwambara ibigunira byatangiriye, kandi amezi 42 akaba ahwanye n'iminsi 1260 ya gihanuzi, cyangwa se imyaka, iyi myaka yatujyana ikatugeza mu mwaka wa 1798. Ahagana muri icyo gihe, mbese ubwami nk'ubwo bwaba bwaradutse kandi bukabarwanya, n'ubuhe? Mwrite kuri ibi: iyi nyamaswa, cyangwa ubu bwami bwavuye ikuzimu—ahantu utamenya—ububasha bw'ubuhakanamana—'muri Egiputa mu mvugo y'umwuka.' (Reba mu Kuva 5: 2: 'Farawo aravuga ati: 'Uwiteka ni nde ngo numvire ndeke Abisirayeli? Sinzi Uwiteka, kandi ntabwo narekura Abisirayeli.' Aha hagaragarira ubuhakanamana. Mbese hari ubwami bwigeze bugaragaza umwuka nk'uyu ahagana mu mwaka wa 1798?—Yego burahari, ni Ubufaransa; bwahakanye yuko Imana ibaho mu bushobozi bwabo nk'igihugu, kandi burwanya 'Umwami w'ijuru.'"²⁶⁸

Mu mwaka wa 1793, ... nk'igikorwa cyo ku mugaragaro gikozwe n'urwego rushyiraho amategeko ndetse na rubanda muri rusange, ubutumwa bwiza bwavanweho mu gihugu cy'Ubufaransa. Kubaha agaciro k'impapuro zifatika za Bibiliya ntibyari bikiri ikintu cy'ingenzi. Kubaho kwazo kuri mu nyigisho zizikubiyemo, kandi kuzimira kw'izo nyigisho, ni ko kuzimira kwa Bibiliya. Itegekoteka ryatanzwe n'ubutegetsibw'Ubufaransa rivuga yuko icyo gihugu kitemera ko Imana ibaho, ryishe Isezerano rya Kera n'Isezerano Rishya ku butaka bwose bw'igihugu cy'Ubufaransa. Ariko gusuzugura ibitabo byera ntibyashoboraga kubura mu gihe ubusahuzi rusange bw'insengero bwakorwaga. Mu mujyi wa Lyons, babihambiriye ku murizo w'indogobe babikurura mu nzira zaho mu rugendo rwo kwiyerekana. ...

²⁶⁸ George Storrs, *Midnight Cry*, May 4, 1843, Vol. IV, Nos. 5, 6, p. 47.

"Ku italiki ya 1 Ugushyingo 1793, Gobet ari kumwe n'abapadiri bo muri rubanda mu mujyi wa Paris, yikuyemo ikanzu ya gipadiri arayijugunya, ndetse arahira ko ahakanye ku mugaragaro iyobokamana. Ku italiki ya 11, hizihijwe 'umunsi mukuru ukomeye' wari wateguriye gusingiza 'Imitekerereze n'ukuri' muri Katedrali ya Notre Dame, iyari yambuwe ukwera kwayo maze ikegurirwa kuba 'Urusengero rwo kuramirizamo Imitekerereze;' hubatswe igishyamba kinini cyane hagati mu rusengero, maze hejuru yayo baterekaho icyo bise urusengero, bandikaho amagambo ngo 'Rweguriwe ubucurabwenge.' Urumuri rw' 'ukuri' barushyira ku gicaniro cy'Imitekerereze' ngo rutange umucyo, n'ibindi. Inzu y'Inama Nkuru y'Umushyikirano, ndetse n'abategetsi bose baje muri ibyo birori byo gutukana no kuvumana."²⁶⁹

Sodomu yo mu Buryo bw'Umwuka.—Mu mvugo y'umwuka ubu bubasha 'bwitwa Sodomu.' Mbese icyaha cyaranze Sodomu ni ikihe? Ni *Ugushayisha*. Mbese Ubufaransa bwagize iyi mico? Yego, bwarayigize; mu gihe cyavuzwe, ubusambanyi bwashyizweho n'itegeko. Mu mvugo y'umwuka aho 'hantu ni ho Umwami wacu yabambwe.' Mbese ibi byabayeho mu Bufaransa? Byabayeho mu buryo burenze bumwe. Bwa mbere, mu mwaka wa 1572, hacuzwe umugambi mubisha wo kurimbura Abahugenoti bubahaga Imana, ndetse mu ijoro rimwe hishwe abantu ibihumbi 50 batabarwanya, maze mu miharuro yose yo mu mujyi wa Paris huzura imivu y'amaraso. Ni muri ubwo buryo mu 'mvugo y'umwuka Umwami wacu yahabambwe' mu mibiri y'abayoboke be. Na none, amagambo y'intego yabo abo banyabyaha b'Abafaransa bagendaga basuburamo, cyangwa intero yabo, yari aya ngo 'HONYORA UMUNYABYAGO' bisobanuye Kristo. Muri ubu buryo, umuntu ashobora kuvuga mu by'ukuri ko ari 'ho Umwami wacu yabambwe.' Umwuka nyirizina w'ikuzimu wari wasutswe muri iryo shyamba ry'abagome.

"Ariko se koko, Ubufaransa 'bwarwanyije Bibiliya'? Yego bwarabikoze. No mu mwaka wa 1793, Inteko ishingira amategeko yasohoye itegekoteka ribuza abantu gukoresha Bibiliya, kandi hakurikijwe iryo tegekoteka, Bibiliya zarakusanyijwe ziratikwira, kandi zasuzugurwe agasuzugurwa kose gashoboka, ndetse ibigo byose bya Bibiliya bivanwaho. Isabato ivanwaho, nuko kuri buri munsi wa cumi wayisimbuye abantu bagateranira gutera urwenya no gutuka Imana. Umubatizo n'ifunguro ryera byavanweho. Abantu bahakana ko Imana ibaho; batangaza ko urupfu ari ibitotsi by'iteka ryose. Ikigirwamanakazi cy'imitekerereze kirashyirwa, mu ishusho y'umukobwa w'inkozi y'ibibi, maze abantu bagisenga ku mugaragaro. Rwose, ubu ni bwo bubasha buhura n'ibyo ubuhanuzi bwavuze."²⁷⁰ Iyi ngingo irongera gusesengurwa mu busobanuro bw'umurongo ukurikiraho.

UMURONGO WA 9 Nuko abo mu moko n'imiryango n'indimi n'amahanga, bazamara iminsi itatu n'igice bareba intumbi zabo, ntibazazikundira guhambwa mu mva.

²⁶⁹ George Croly, *The Apocalypse of St. John*, pp. 175-177.

²⁷⁰ George Storrs, *Midnight Cry*, May 4, 1843, Vol. IV, Nos. 5, 6, p. 47.

“Imvugo yakoreshejwe muri uyu murongo yerekana uko andi mahanga yiyumvaga kuruta ko yakwerekana ishyanga ryari riri gukorera ubugome ba bahamya. Bashoboraga kureba uburyo Ubufaransa bukiranirwa bwakoreraga Bibiliya, ariko bikaba bitarashoboraga kwinjira muri uwo murimo ku rwego rw'igihugu, cyangwa ngo bemere ko abahamya bishwe batwikwa, cyangwa ngo birukanwe hagati muri bo, nubwo bari barambaraye hasi imyaka itatu n'igice mu Bufaransa. Oya si ko biri; iri gerageza ry'Ubufaransa ryakanguriye Abakristo aho bari hose gushyira imbaraga nshya mu kurengera Bibiliya nk'uko tuzabibona.”²⁷¹

UMURONGO WA 10 Abari mu isi bazazishima hejuru bazikina ku mubyimba banezerwe, bohererezanye impano kuko abo bahanuzi bombi bababazaga abari mu isi.

“Ibi byerekana umunezero abangaga Bibiliya bagize, cyangwa se ba bandi bababazwaga na yo. Hashize igihe runaka abakiranirwa bari hose bafite umunezero mwinshi. Nyamara 'kunesha kw'abakiranirwa ni ukw'igihe gito,' kubera ko intambara barwanye na Bibiliya n'Ubukristo yasaga n'iyabamize bunguri. Bahagurukiye kurwanya abahamya babiri ba Kristo, nyamara bujuje Ubufaransa amaraso n'impagarara, ku buryo nabo ubwabo bageze aho bagahagarika imitima nk'ingaruka y'ibikorwa byabo by'ubugome, maze baza kwishimira kuvana ibiganza byabo bikiranirwa kuri Bibiliya.”²⁷²

UMURONGO WA 11 Iyo minsi itatu n'igice ishize, umwuka w'ubugingo uva ku Mana winjira muri bobaherako barahaguruka, ubwoba bwinshi butera ababibonye.

Abahamya Basubizwa icyubahiro.—Mu mwaka wa 1793, itegekoteka ryari ryatanze n'inteko ishingira amategeko rikuraho Bibiliya. Imyaka itatu ishize, hafashwe icyemezo gishyikirizwa inteko ishingira amategeko, ngo rigende risimbure irya mbere, maze rihe abantu umudendeko wo gukoresha Ibyanditswe byera. Icyo cyemezo cyaryamishijwe ku meza y'ibiganiro amezi atandatu igihe cyari gufatwa, nuko gikurikizwa hatabanje kubaho amatora yo kugaragaza abatabyemera. Ni muri ubwo buryo mu gihe cy'imyaka itatu n'igice abahamya bahagurutse bagahagarara ku birenge byabo, ubwoba bwinshi bugatera abababonye. Nta ngaruka yindi yari kuva mu gikorwa giteye ubwoba cyo kwanga Bibiliya cyashoboraga gutera Ubufaransa gukura ibiganza byabwo kuri aba bahamya.”²⁷³

“Ku italiki ya 17 z'ukwezi kwa Kamena, Kamili Jourdan mu nama yiswe 'Council of Five Hundred,' (Inama Nkuru y'Ibihumbi Bitanu) yazanye icyegeranyo kitazibagirana ku bijyanye n'Ivugururwa ry'amategeko yerekeranye no kuramya mu by'iyobokamana”²⁷⁴ Icyo cyegeranyo cyari

271 Ibid.

272 Ibid.

273 Ibid.

274 George Croly, *The Apocalypse of St. John*, pp. 181-183.

gikubiyemo ibitekerezo byinshi, yemwe binakuraho amategeko yashyizweho na Leta ku bijyanye no kuramya papa, ndetse n'amategeko yo gukumira Abaprotestanti yashyizweho na papa. Ibyo bitekerezo ni ibi bikurikira:

"1. Abenegihugu bose bashobora kugura cyangwa gukodesha inyubako kugira ngo babashe gukora imirimo ijyanye no kuramya mu by'adini bafite umudendezo.

"2. Iteraniro ry'abayoboze b'adini rigomba guteranira hamwe nyuma yo kuvuza inzoga.

"3. Nta gerageza cyangwa isezerano ry'uburyo ubwo ari bwo bwose budasabwe n'abandi benegihugu rikenewe gukorwa n'abagabura bo muri ayo materaniro y'abanyedini.

"4. Umuntu uwo ari we wese ugerageza kubangamira, cyangwa se mu buryo ubwo ari bwo bwose akabuza abantu guteranira hamwe ku mugaragaro ngo basenge, azabihererwa ibihano byo gutanga indishyi z'akababaro zihera ku mafaranga y'amafaransa 50 kugera kuri 500; kandi niba uko kubabuza guteranira hamwe gukomeza gukorwa n'abayobozi, abo bayobozi bagomba gutanga indishyi z'akababaro zikubye kabiri.

"5. Kwinjira mu materaniro ujyanwe n'impamvu zo gusenga ni umudendezo wa buri mwenegihugu wese nta kiguzi atanze.

"6. Andi mategeko yose arebana no kuramya mu byerekeranye n'iyobokamana akwiriye kvanwaho.

"Ayo mabwiriza yarebaga igihugu cyose ku byerekeranye no gusenga, yari umugisha w'umwihariko ku Baprotestanti. icyo gihe ubupapa bwo bwari bwarakomereye mu buryo bwuzuye. Nyamara Ubuprotestanti bwo bwari bwarahonyowe bitewe n'amategeko yari yarashyizweho na Louis XIV, kandi bukaba butari bufite gishyigikira nk'imyizerere ikunzwe na benshi. Bityo rero, bwari bukeneye gushyigikirwa na Leta mu buryo bwahuranyije kugira ngo bubashe 'guhagarara ku birenge byabwo.' Yemwe ndetse icyo cyegeranyo gisa n'aho cyari cyitaye ku buryo bwihariye ku mubabaro itorero ryari ririmo. Amategeko yari yarashyizweho mbere yo kuribuza gukora amateraniro ku mugaragaro, kugira inyubako zo gusengeramo, no kugira inyubako n'ibindi.

"Uhereye icyo gihe, itorero ryagize umudendezo mu gihugu cy'Ubufaransa. ...

"Itorero na Bibiliya byari byarishwe mu Bufaransa uhereye mu Ugushyingo, 1793 kugeza muri Kamena 1797. Imyaka itatu n'igice yarashize, kandi Bibiliya yari imaze igihe kirekire yarabuzaniye mu buryo bukomeye mbere, yahawe icyubahiro, kandi iba igitabo Ubuprotestanti butunga mu mudendezo!"²⁷⁵

275 George Croly, *The Apocalypse of St. John*, pp. 181-183.

UMURONGO WA 12 Bumva ijwi rirenga rivugira mu ijuru ribabwira riti "Nimuzamuke muze hano." Nuko bazamukira mu gicu bajya mu ijuru abanzi babo babireba.

"Bazamuka mu Ijuru."—Kugira ngo usobanukirwe aya magambo, soma muri Daniyeli 4: 22, ahanditswe ngo 'Gukomera kwawe kurakura kugera mu ijuru.' Hano tubona ko iyi mvugo isobanura *gushyirwa hejuru gukomeye*. Mbese Ibyanditswe byera byarazamutse bigera ku rwego nk'urwo rwo gushyirwa hejuru nk'uko hano bigaragara, cyane cyane ko Ubufaransa bwari bwarabirwanyije?—Yego rwose. Nyuma yaho gato, Umuryango wa Bibiliya w'Abongereza warashinzwe [mu 1804]; nyuma hakurikiraho Umuryango wa Bibiliya w'Abanyamerika [mu 1816]; kandi iyi miryango ifatanyije n'andi mashami yayo menshi cyane yagiye ashingwa, iragenda ikwirakwiza Bibiliya ahantu hose.²⁷⁶ Mbere y'umwaka wa 1804, Bibiliya yari yaranditswe kandi ikwirakwizwa mu ndimi mirongo itanu.

"Kugeza mu kwezi k'Ukuboza 1942, Bibiliya yose cyangwa se imigabane yayo imwe n'imwe, yari imaze gushyirwa mu ndimi 1.058."

Nta kindi gitabo kibasha kwegera Bibiliya, haba mu kuba iboneka ku giciro gito cyangwa mu mubare wa kopi zikwirakwizwa ku isi. Umuryango wa Bibiliya w'Abanyamerika watangaje ko wasohoye Bibiliya (cyangwa se imigabane yayo imwe n'imwe) zigera kuri 7.696.739 mu mwaka wa 1940; usohora Bibiliya 8.096.069 mu mwaka wa 1941; kandi isohora Bibiliya 6.254.642 mu mwaka wa 1942. Umuryango wa Bibiliya ukorera mu Bwongereza no mu bihugu by'amahanga watangaje ko mu gihe kingana n'umwaka cyarimo kirangira hagati mu mwaka wa 1941 wari umaze gukwirakwiza Bibiliya zingana na 11.017.334; kandi mu mwaka wa 1942 utanga Bibiliya zingana na 7.120.000.

Ikigereranyo kitakundaga guhindagurika cyavugaga ko Bibiliya zacapwaga n'inzu z'icapiro zizigurisha buri mwaka zigera kuri miliyoni esheshatu. Bityo rero umubare wa Bibiliya n'imigabane imwe n'imwe yayo warazamutse cyane uva kuri miliyoni 25 ugera kuri miliyoni 30 ku mwaka.

Guhera igihe Umuryango wa Bibiliya w'Abanyamerika washingiwe kugeza mu mwaka wa 1942, wari umaze gucapa Bibiliya zigera kuri 321.951.266; naho Umuryango wa Bibiliya ukorera mu Bwongereza no bihugu by'amahanga, kugeza muri Werurwe, 1942 wari umaze gusohora Bibiliya 539.664.024. Iyo miryango yombi ikaba isohora igiteranyo cya Bibiliya zose hamwe zigera kuri 861.600.000. Mu kwezi kwa Gicurasi mu 1940, umuryango wa Bibiliya w'Abanyamerika waravuze uti: "Bitekerezwa yuko kimwe cya cumi cy'abatuye isi bagera kuri miliyari ebyiri, baramutse berekeje ibitekerezo byabo kuri Bibiliya, bashobora kumva isomwa mu rurimi babasha gusobanukirwa." Bibiliya yashyizwe hejuru y'ibindi bintu byose bihabwa agaciro, ni umugisha utarondoreka Imana yahaye umuntu, ikamushyira ku mwanya ukurikira uw'Umwana wayo, kuko iyo Bibiliya ari

276 George Storrs, *Midnight Cry*, May 4, 1843, Vol. IV, Nos. 5, 6, p. 47.

ubuhamya buhebuje bwerekeye uwo Mwana wayo. Ni byo; bishobora kuvugwa yuko Ibyanditswe byera byazamuwe "bigashyirwa mu bicu byo mu ijuru," ibicu ni ikimenyetso cyo gushyirwa hejuru n'ijuru.

UMURONGO WA 13 Uwo mwanya habaho igishyitsi cyinshi, kimwe cya cumi cya wa mudugudu kiragwa, icyo gishyitsi cyica abantu ibihumbi birindwi, abasigaye baterwa n'ubwoba bahimbaza Imana nyir'ijuru.

"Ni uwuhe mudugudu? (Reba mu Byahishuwe 17:18 ahavuga ngo: "Wa mugore wabonye ni we wa *mudugudu ukomeye* utegeka abami [ubwami] bo mu isi"). Uwo mudugudu ni ububasha bwa Roma y'ubupapa. Ubufaransa ni rimwe muri ya mahembe cumi 'yahaye inyamaswa [ubupapa] ububasha n'imbaraga byayo;' cyangwa ni bumwe mu bwami bwadutse mu bwami bw'uburengerazuba bwa Roma nk'uko bigaragarira ku mano icumi y'igishushanyo Nebukadinezari yarose, n'amahembe cumi y'inyamaswa Daniyeli yeretswe [Daniyeli 7:24], ndetse n'ikiyoka gifite amahembe cumi Yohana yeretswe. [Ibyahishuwe 12:3.] Icyo gihe Ubufaransa bwari 'kimwe cya cumi cy'umudugudu,' kandi bwari bugize bamwe mu bakozi bakomeye ubupapa bwakoresheye mu guhora abanzi babwo. Nyamara muri iki gihe cy'impinduramatwara bwaraguye, kandi bwagwanye n'intumwa ya nyuma y'umujinya w'ubupapa. 'Icyo gishyitsi cyica abantu [mu busobanuro bw'inyongera, *ni amazina y'abantu*] ibihumbi birindwi.' Ubufaransa bwararwanye, mu gihe cy'impinduramatwara yabwo yo mu 1798 [1789] no gukomeza, kandi abantu bo mu nzego zose n'ibyubahiro byose. ... 'abasigaye baterwa n'ubwoba bahimbaza Imana nyiri ijuru.' Umurimo wabo wo gusuzugura Imana no kuyikora mu jisho wujuje Ubufaransa ibikorwa byatumye hameneka amaraso, kurimbuka, no gukuka umutima, ku buryo byateye n'inkozi z'ibibi guhinda umushyitsi, no guhagarara bafite ubwoba bwinshi. Ndetse 'abasigaye' barokotse ibyo biteye ubwoba byabagaho muri icyo gihe 'bahimbaza Imana'—atari uko bafite umutima ukunze, ahubwo Imana nyiri ijuru yateye ubu 'burakari bw'umuntu kuyihimbaza,' binyuze mu kwemerera abari mu isi kureba ukuntu abarwanya ijuru baba bicukurira imva. Muri ubwo buryo ubwiza busendera ku Mana binyuze mu buryo bwose abantu b'abagome bakoresheye kugira ngo bahumanye ubwo bwiza."²⁷⁷

UMURONGO WA 14 Ishyano rya kabiri rirashize, dore irya gatatu riraza vuba.

Impanda Zongera Kuvuga.—Ahangaha urwunge rw'impanda zirindwi rwongeye gusubukura. Ishyano rya kabiri ryarangiranye n'impanda ya gatandatu ku italiki ya 11 Kanama 1840, maze ishyano rya gatatu ritangirana no kuvuga kw'impanda ya karindwi, yatangiye mu 1844.

None se ubu tugeze hehe? « *Dore!* » bisobanura ngo 'byiteho,' 'ishyano rya gatatu riraza vuba.' Ibintu biteye ubwoba byo mu ishyano rya kabiri birarangiye, none tugeze mu gihe cyo kuvuga kw'impanda izana ishyano

²⁷⁷ Ibid., p. 48.

rya gatatu, ari na ryo shyano rya nyuma. None se dushobora kwirirwa dushaka amahoro n'umutuzo, tukizera iby'inyaka igihumbi ngo izabaho yuzuye amahoro n'umutekano no gukiranuka kw'abantu bose? Ibiri amambu, nimutyo dusenge Uwiteka dushyizeho umwete kugira ngo akangure iyi si ihunikiriye.

UMURONGO WA 15 Marayika wa karindwi avuza impanda. Mu ijuru havuga amajwi arenga ngo "Ubwami bw'isi bubaye ubw'Umwami wacu n'ubwa Kristo we, kandi azahora ku ngoma iteka ryose." 16 Ba bakuru makumyabiri na bane bicara ku ntebe zabo imbere y'Imana, bikubita hasi bubamye baramya Imana bati 17 "Turagushimye Mwami Imana Ishoborabyose, iriho kandi yahozeho kandi izahoraho, kuko wenze ubushobozi bwawe bukomeye ukima.

Uhereye ku murongo wa 15 ukageza ku iherezo ry'iki gice cya 11, dusa n'abongera kujyanwa ubugira gatatu ahanu hamwe kuva ku kuvuza impanda kwa marayika wa karindwi ukageza ku iherezo. Mu mironko imaze gusubirwamo hano, umuhanuzi akomeza kurabukwa ugushyirwaho kuzuye k'ubwami bw'Imana. Nubwo impanda ya karindwi yari yatangiye kuvuga, bishobora kuba atari igihamba cy'uko ya majwi akomeye avugira mu ijuru yari arangije gutangaza ko ubwami bwo muri iyi si buhindutse ubwami bw'Umwami wacu na Kristo we, keretse gusa biramutse byerekana ko byari byitezwe ko icyo gikorwa cyagombaga gusohozwa byihuse. Nyamara impanda ya karindwi, kimwe n'iyibanziriza ya gatandatu, zimara igihe runaka, kandi guhererekanywa k'ubwami bw'iyi si buva mu biganza by'abategetsu b'isi bukajya mu biganza by'ufite uburenganzira bwo gutegeka, ni ikintu cy'ibanze kigomba kubaho mu myaka ibanza yo kuvuga kw'iyi mpanda. Bityo rero, iki gikorwa turamutse tugitandukanije n'ibindi, hano, gishishikaje ibitekerezo by'umuhanuzi. (Reba ubusobanuro bwatanzwe ku murongo wa 19). Mu murongo ukurikiraho, Yohana arahindukira noneho akita ku bindi bintu byakurikiyeho.

UMURONGO WA 18 Amahanga yararakaye nuko umujinya wawe uraza, igihe cyo guciriramo abapfuye iteka kirasohora, n'icyo kugororeramo abagaragu b'imbata bawe ari bo bahanuzi, no kugororera abera n'abubaha izina ryawe, aboroheje n'abakomeye, kandi n'igihe cyo kurimburiramo abarimbura isi."

Amahanga Yararakaye.—Uhereye mu ntangiriro z'impinduramatwara zasandariye icyarimwe ku mugabane w'Uburayi mu mwaka wa 1848, uburakari bw'amahanga yagiye arakarira andi mahanga bwakomeje kwiyongera ubudatuza. Ishyari n'urwango byahindutse itegeko hagati y'amahanga aho kugira ngo bize nk'ikintu kidasanzwe. By'umwihariko, ibi byigaragaje mu ntambara ebyiri z'isi yose zabayeho mu kinyejana cya 20, igihe byasaga n'aho abantu bashaka kurimburira burundu amahanga yose mu muriro w'uburakari bwabo.

Hano turahabona amagambo nyayo abisobanura, yanditswe n'umwarimu wo muri kaminiza ya Harvard. Yaranditse ati:

"Ikinyejana cya 20, kugeza icyo gihe, cyabaye igihe cyarushije ibindi byose kumenekamo amaraso, ndetse kiba igihe cyarushije ibindi kubamo imivurungano—ndetse kubw'ibyo, cyabaye igihe cyarushije ibindi kurangwa n'ubwicanyi no kutagira ubumuntu—mu mateka y'ibihugu by'Uburengerazuba, ahari ndetse no mu gihe cy'uburyo amateka y'umuntu yagiye akurikirana muri rusange."²⁷⁸

"Nuko Umujinya Wawe Uraza."—Umujinya Imana ifitiye abantu bo muri iki gihe wuzurira mu byago birindwi by'imperuka (Ibyahishuwe 15: 1), kubw'ibyo ukaba ugomba kurengurirwaho hano, ndetse bidatinze ukaba wenda gusukwa ku isi.

"Igihe cyo Guciriramo Abapfuye Iteka Kirasohora."—Umubare munini w'abapfuye, ni ukuvuga abanyabyaha, baba bakiri mu bituro byabo nyuma yo gusukwa kw'ibyago birindwi by'imperuka, no kurangira kw'igihe cyagenewe ubutumwa bwiza. Umurimo w'urubanza, no kugenera buri wese igihano kimukwiriye hakurikijwe ibyaha bye, uzakomeza gukorwa na Kristo afatanyije n'abera mu gihe cy'imyaka igihumbi ikurikira umuzuko wa mbere. (1 Abakorinto 6: 2; Ibyahishuwe 20: 4). Mu gihe cyose urubanza rw'abapfuye rukurikira umujinya w'Imana, cyangwa ibyago birindwi by'imperuka, bishobora gusa n'aho ari ngombwa gushyira uru rubanza mu gihe cy'imyaka igihumbi yo gucira abanyabyaha urubanza rwavuzwe haruguru; kubera ko urubanza rw'igenzura rubaho mbere y'uko ibyago birindwi bisukwa.

"N'icyo Kugororereramo Abagaragu b'Imbata Bawe ari ni bo Bahanuzi."—Aba bazahabwa ingororano zabo ubwo Kristo azaba agarutse, kuko azazana n'ingororano zabo. (Matayo 16: 27; Ibyahishuwe 22:12). Nubwo bimeze bityo, ingororano yuzuye y'abera iba itaragerwaho kugeza ubwo abera bazaba bahawe isi nshya. (Matayo 25: 34).

Igihano cy'Abanyabyaha.—"N'igihe cyo kurimburiramo abarimbura isi," birengurira ku gihe abanyabyaha bayogoje uturere twinshi, bakarimbura ubuzima bw'abantu babigambiriye bazakongorwa n'umuriro uzeza isi uvuye mu ijuru ku Mana. (2 Petero 3:7; Ibyahishuwe 20: 9). Bityo rero, impanda ya karindwi igera ku iherezo ry'imyaka igihumbi. Ni igitekerezo cy'ingenzi, giteye guhagarika umutima, ariko kandi kiranejeje! Impanda iri kuvuga ubu ibonekamo kurimbuka guheruka kw'abanyabyaha, nyamara abakiranutsi bambikwa ubwiza no kudapfa, bagashyirwa ahantu hari umutekano mu isi yagizwe nshya.

UMURONGO WA 19 Urusengero rw'Imana rwo mu ijuru rurakingurwa, mu rusengero rwayo habonekamo isanduku y'isezerano

²⁷⁸ Pitirim A. Sorokin, *Social and Cultural Dynamics*, Vol. III, p. 487.

ryayo, habaho imirabyo n'amajwi no guhinda kw'inkuba, n'igishyitsi n'urubura rwinshi.

Urusengero Rukinguwe.—Ku yindi nshuro na none umuhanuzi adusubije mu ntangiriro yo kuvuzwa kw'impanda. Nyuma yo kuvuga intangiriro y'impanda ya karindwi mu murongo wa 15, ikintu cya mbere gikomeye kiza mu bitekerezo by'umuhanuzi, ni uguhererekanywa k'ubwami buva mu butegetsi bw'isi bukajya mu butegetsi bw'ijuru. Imana ifata ubushobozi bwayo bukomereye, maze ikamenagura by'iteka ryose ubwigomeke bw'iyi si yivumbaganije, igashyira Kristo ku ntebe ye ya cyami, na ho Yo igakomeza kuba umutegetsi w'ikirenga. Ahakurikiraho, twongera kwerekezwa ku buryo amahanga azaba ameze, urubanza azacirwa, n'imirage iheruka y'abera n'abanyabyaha. (umurongo wa 18). Nyuma yo kunyura muri make mu byo iri yerekwa ryari ryibanzeho, ubwenge bwacu bugarurwa na none muri uyu murongo turi gusuzuma, ku kurangira k'umurimo w'ubutambyi wa Kristo, igikorwa cya nyuma cy'umurimo w'imbabazi Imana igirira isi yacumuye.

Urusengero rurakinguwe, kandi umugabane wa kabiri w'ubuturo winjirwamo. Tuzi yuko aha ari Ahera Cyane hakinguwe, kubera yuko isanduku yabonetseyo, kandi muri uwo mugabane w'inyubako ni ho isanduku yari yarashyizwe. Iki kintu cyabayeho mu iherezo ry'iminsi 2300, ubwo ubuturo bwagombaga kwezwa. (Daniyeli 8: 14). Muri kiriya gihe, ibihe bya gihanuzi byari birangiye, maze marayika wa karindwi atangira kuvuza impanda. Guhera mu mwaka wa 1844, ubwoko bw'Imana bwabonye urugi rwo mu ijuru rukinguye kubwo kwizera, kandi bubona isanduku y'isezerano mu rusengero. Bari kugerageza uko bashoboye kose gukomeza buri tegeko ryose ryo mu mategeko yera yanditswe ku bisate by'amabuye biri muri iyo sanduku. Kuba ibyo bisate by'amabuye byanditsweho amategeko biriyo, nk'uko byari biri mu isanduku yabaga mu buturo bwubatswe na Mose, ni ikintu kigaragara dushingiye ku magambo Yohana akoresha agaragaza iyo sanduku. Ayita "isanduku y'Isezerano ryayo."

Iyo sanduku yiswe isanduku y'isezerano, cyangwa isezerano, kuko yabarijwe kugira ngo ishyingurwemo ibisate by'amabuye byanditsweho ibihamya, cyangwa amategeko cumi. (Kuva 25:16; 31:18; Gutegeka kwa kabiri 10:2, 5). Ntiyashyizwemo kugira ngo igire ikindi ikoreshwa, kandi izina yahawe irikesha gusa kuba ishyingurwemo ibisate by'amabuye byanditsweho amategeko. Iyo iza kuba itarimo ibyo bisate by'amabuye, ntiyari kuba isanduku y'isezerano ry'Imana, kandi mu by'ukuri koko ntiyari kwitwa ityo. Nyamara Yohana yitegereje isanduku mu ijuru igihe impanda ya karindwi yari ivuze, kandi isanduku yari icyitwa "isanduku y'isezerano" bihishura igihamya kitagishwa impaka ko amategeko yari akirimo, atarahinduweho inyuguti imwe cyangwa akadomo kayo. Yari akimeze nka ya yandi yigeze guhabwa abantu umunsi umwe ngo bayarinde agashyirwa mu isanduku yashushanyaga isanduku y'ukuri yari iri mu ihema ryo mu gihe cya Mose.

Abakurikirana ijamba ry'ubuhanuzi na none bahawe urubingo [bageresha], kandi bari kugera urusengeru, igicaniro, ndetse n'abarusengeramo. (Ibyahishuwe 11:1). Bari kuvugira ubuhanuzi bwabo buheruka imbere y'amahanga, amoko, n'indimi zose. (Ibyahishuwe 10:11). Ibyo biri kubaho bidatinze bizasoreza ku mirabyo, guhinda kw'inkuba, amajwi, igishyitsi cy'isi, n'urubura rukomeye, ari byo bizarema ukwivumbagatanya guheruka kw'ibyaremwe kuzabaho mbere y'uko ibintu byose bihindurwa bishya ku iherezo ry'imyaka igihumbi. (Ibyahishuwe 21:5). (Reba ubusobanuro bwatanze ku Byahishuwe 16: 17-21).

INKOMOKO YO KUTIHANGANIRANA MU BY'IYOBOKAMANA

Ibyahishuwe 12

UMURONGO WA 1 Ikimenyetso gikomeye kiboneka mu ijuru, mbona umugore wambaye izuba, ukwezi kwari muni y'ibirenge bye, ku mutwe yambaye ikamba ry'inyenyeri cumi n'ibiri, 2 kandi yari atwite. Nuko atakishwa no kuramukwa, ababazwa n'ibise. 3 Mu ijuru haboneka ikindi kimenyetso, mbona ikiyoka kinini gitukura gifite imitwe irindwi n'amahembe cumi, no ku mitwe yacyo gifite ibisingo birindwi.

Ubusobanuro bw'uyu mugabane w'iki gice buzaba bukubiyemo bike byiyongera ku busobanuro bw'ibimenyetso bikoreshwamo. Ibi bishobora gutangwa mu magambo make.

«Umugore,» asobanura itorero ry'ukuri. (2 Abakorinto 11:2). Umugore wiyandarika akoreshwa mu kugaragaza itorero ryahakanye kwizera cyangwa ryahumanye. (Ezekiyeli 23:2-4; Ibyahishuwe 17:3-6, 15, 18). Mu mitekerereze ihuye n'iyi, umugore uboneye, nk'uko tubona muri uru rugero, ahagarariye itorero ry'ukuri. «Izuba» riboneka hano risobanura umucyo n'ubwiza bwo mu gihe cy'ubutumwa bwiza. «Ukwezi» ni ikimenyetso cy'igihe cya Mose. Nk'uko ukwezi kwaka gukoresheje imirasire gutiriyeye ku zuba, ni ko n'igihe cyabanje cyakaga gukoresheje imirasire y'iki gihe turimo. icyo gihe ibyo bari bafite byari igicucu n'ibintu byashushanyaga ibyayyaga kuzaza hanyuma. Muri iki gihe, dufite ibyashushanywaga, ndetse iby'ukuri. «Ikamba ry'inyenyeri cumi n'ibiri» rishushanya intumwa cumi n'ibiri. «Ikiyoka kinini gitukura» gishushanya Roma ya gipagani. (Reba ubusobanuro bwatanzwe ku murongo wa 4 n'uwa 5). «Ijuru» ni ahantu intumwa yabonye iyi shusho. Ntitugomba kwibwira ko ibyo Yohana

yeretswe hano byabereye mu ijuru aho Imana iba, kubera yuko ari ibintu byabereye kuri iyi si. Iri yerekwa ryanyujijwe imbere y'amaso y'umuhanuzi, byagaragaye nk'ibibera mu karere kabonekamo izuba, ukwezi, n'inyenyeri, ako tuvuga hano nk'aho ari ijuru.

Umurongo wa 1 n'uwa 2 ibumbiye hamwe igihe kibanziriza gato gutangira kw'igihe cy'ubukristo, igihe itorero ryari rishishikajwe kandi ryifuza kuza kwa Mesiya, kikagenda kikagera ku gushingwa kw'itorero ribwiriza ubutumwa bwiza ryari riyobowe n'intumwa cumi n'ibiri nk'ikamba ryaryo. (Luka 2: 25, 26, 38).

Nta bindi bimenyetso bikwiriye kandi bikangura ubwenge byashoboraga gukoreshwa hano biruta ibi. Igihe cya Mose cyarasaga gikoresheje umucyo gitiriyeye mu gihe cy'ubukristo, nk'uko ukwezi kurasa gukoresha umucyo gutiriyeye ku Zuba. Mbega uko rero bikwiriye kugereranya igihe cya mbere n'ukwezi maze igihe cyakurikiyeho kikagereranywa n'izuba! Umugore ari we torero, yari afite izuba muni y'ibirenge bye. Ni ukuvuga ko igihe cya Mose cyari kimaze kurangira, noneho umugore yambikwa umucyo w'izuba ry'ubutumwa bwiza, ari ryo ryari rigitangira kurasa. Umuntu akurikije uko bigaragara, yakwitega kubona ko itorero ryashinze imizi nk'umuryango wuzuye rifite intumwa cumi n'ibiri, mbere yuko umwana w'umuntu Kristo aboneka mu byari biri kuba. Ryagombaga kubakwa nyuma yuko Kristo atangira umurimo we; kandi ahuzwa mu buryo bwihariye n'iri torero, kuruta uko yahuzwa n'igihe cyabanjirije itorero. Nta kintu giteye urujijo cyatuma iyi mirongo idasobanuka; kandi kubera iyo mpamvu, nta gutandukira kuba kubayeho mu ruhererekane rw'ukuri rw'ubusobanuro bw'amashusho yakoreshejwe.

UMURONGO WA 4 Umurizo wacyo ukurura kimwe cya gatatu cy'inyenyeri zo ku ijuru, uzijugunya mu isi. icyo kiyoka gihagarara imbere y'uwo mugore waramukwaga, kugira ngo namara kubara gihereke kirye umwana we kimutsôtsōbe. 5 Abyara umwana w'umuhungu uzaragiza amahanga inkoni y'icyuma. Umwana we arasahurwa ajyanwa ku Mana no ku ntebe yayo. 6 Uwo mugore ahungira mu butayu aho afite akantu yiteguriye n'Imana, kugira ngo bamugaburirireyo kumara iminsi igihumbi na magana abiri na mirongo itandatu.

"Kimwe cya Gatatu cy'Inyenyeri zo ku Ijuru."—Ikiyoka gikurura kimwe cya gatatu cy'inyenyeri zo ku ijuru. Niba inyenyeri cumi n'ibiri umugore yari yambaye nk'ikamba hano zarakoreshejwe mu buryo bw'imvugoshusho yerekana intumwa cumi n'ibiri, ni ko n'inyenyeri zijugunywe hasi n'ikiyoka mbere yuko kigerageza gutsotsoba umwana, cyangwa mbere yo gutangira kw'igihe cy'ubukristo, zishobora kwerekana umugabane w'abayobozi b'ubwoko bw'Abayuda. Izuba, ukwezi n'inyenyeri rimwe na rimwe bikoreshwa nk'amashusho arengurira ku bindi bintu; ibyo twabiboneye ingero mu Byahishuwe 8:12. Yudaya yahindutse intara y'ubwami bw'Abaroma mu myaka 63 yabanjirije kuvuka kwa Mesiya. Abayuda bari bafite inzego eshatu z'abayobozi: abami, abatambyi, n'Urukiko

Rukuru. Kimwe cya gatatu cy'aba bantu, ari cyo bami, cyakuweho n'ubutegetsi bw'Abaroma. Uwitwa Filipo Smith amaze gusobanura ibyo kugotwa kwa Yerusalemu igoswe n'Abaroma na Herode, n'uburyo yishyize mu maboko y'abayirwanyaga mu itumba ryo mu mwaka wa 37 Mbere ya Kristo., nyuma yo kubanza kwinangira bagahangana n'abanzi babo mu gihe cy'amezi atandatu, Smith aravuga ati: "Iryo ni ryo ryabaye iherezo ry'umuryango wa cyami wa Asmonea, imyaka 130 neza nyuma yo gutsinda kwa mbere kw'Abamakabe, ndetse mu mwaka wa 70 nyuma y'uko Aristobulus wa I yihaye ikamba ry'ubwami."²⁷⁹

Uku kurengurira ku nyenyeri, nta gushidikanya gufite ubusobanuro bwagutse, kandi gufite ukuri gushimangirwa mu mirongo ya 7-9 yo muri iki gice. Nk'ingaruka y'amakimbirane avugwa hariya, biragaragara ko kimwe cya gatatu cy'ingabo z'abamarayika, bifatanyije na Satani mu kwigomeka ku Mutegeka w'ijuru n'isi, baciwe bakavanwa mu rugo rw'ibwami ahari haganje ubwiza.

"Ikiyoka Cyahagaze Imbere y'Uwo Mugore."—Noneho bihindutse ngombwa ko tugaragaza ububasha bushushanywa n'ikiyoka, kandi ibi bishobora gukorwa mu buryo bworoshye. Ubuhamya bwerekeye "umwana w'umuntu" ikiyoka cyashakaga kurimbura, bushobora guhuzwa gusa n'umwe wabonetse muri iyi si, kandi uwo ni Umwami wacu Yesu Kristo. Nta wundi wazamutse ku Mana no ku ntebe yayo y'ubwami; ariko We yashyizwe hejuru. (Abefeso 1: 20,21; Abaheburayo 8:1; Ibyahishuwe 3:21). Nta wundi wigeze ahabwa n'Imana umurimo wo gutegekesha amahanga inkoni y'icyuma, nyamara we yahawe uwo murimo. (Zaburi 2: 7-9).

Nta gushidikanya ko uyu mwana ashushanya Yesu Kristo. Igihe ubuhanuzi burenguriraho na cyo kiragaragara. Ni igihe Kristo yabonekeyeho muri iyi si nk'umwana w'uruhinja i Betelehemu.

Biri buze koroha noneho gutahura ububasha bushushanywa n'ikiyoka, kubera ko ikiyoka gishushanya ubutegetsi runaka bwagerageje kurimbura Yesu mu ivuka rye. Mbese hari uwiyeze kugerageza ibyo? Ni nde wabikoze? Nta gisubizo cy'iki kibazo cyemerwa na bese gikenewe ngo gihabwe umuntu wasomye ibya Herode wari wuzuwe n'umyuka y'abadayimoni agakora uko ashoboye kose ngo arimbure umwana Yesu; agatuma intumwa ngo zijye kwica abana b'i Betelehemu batarengeje imyaka ibiri bavutse. Ariko se Herode yari muntu ki? Yari umuyobozi w'intara w'Umuroma. Herode yari yaherewe ububasha i Roma. Muri icyo gihe Roma yategekaga isi yose (Luka 2: 1), kandi kubw'ibyo ni yo yari gatozi w'iki gikorwa. Ikindi kandi, Roma ni yo yari ubutegetsi rukumbi bwayoboraga isi, bwashoboraga muri icyo gihe gushushanywa butyo mu buhanuzi kubera ko bwayoboraga isi yose. Kubera ibyo, nubwo atari ko bese babivugaga, duhamya ko Ubutegetsi bwa Roma bufatwa n'abasobanuzi b'Abaprotestanti muri rusange ko ari bwo bubasha bwerekanywe nk'ikiyoka kinini gitukura.

²⁷⁹ Philip Smith, *History of the World*, Vol. III, p. 181.

Ni ikintu gikwiriye kongerwaho ko mu kinyejana cya kabiri, icya gatatu, icya kane n'icya gatanu by'igihe cy'ubukristo, ikiyoka cyazaga ku mwanya wa kabiri inyuma ya kagoma nk'urugero ngenderwaho rwa mbere mu ngabo z'Abaroma. Kuba ikiyoka cyari gifite ibara ritukura, mbese nk'igisubizo nyacyo ku ishusho umuhanuzi w'i Patimosi, bari kubwira ab'isi batangaye bati: "Turi ishyanga ya shusho yerekana."

Nk'uko twabibonye, Roma yashatse kurimbura Yesu Kristo binyuze mu bugambanyi bwa kidayimoni bwa Herode. Umwana wari wavukiye itorero ryari ritegereje kandi riri maso, yari Umucunguzi wacu ukundwa, ugiye gutegeka amahanga bidatinze, ayaragize inkoni y'icyuma. Herode ntiyashoboye kumurimbura. Imbaraga z'isi zari zifataniye na Gihenomu ntizashoboye kumutsinda. Nubwo yagumanywe n'igituro umwana mutoya, yacagaguye ingoyi zacyo zica, akingurira inyokomuntu inzira y'ubugingo, maze arazamurwa ajyanwa ku Mana no ku ntebe yayo y'ubwami. Yazamutse ajya mu ijuru abigishwa be bamureba, maze bo natwe adusigira isezerano ry'uko azagaruka.

Itorero ryahungiyeye mu butayu igihe ubupapa bwari bumaze gushinga imizi mu mwaka wa 538, aho ryatungiyeye n'ijambo ry'Imana ndetse n'umurimo w'abamarayika igihe kirekire cy'ubutegetsu bw'umwijima kandi bumena amaraso bw'ubwo bubasha mu gihe kingana n'imyaka 1260.

UMURONGO WA 7 Mu ijuru habaho intambara. Mikayeli n'abamarayika be batabarira kurwanya cya kiyoka, ikiyoka kirwanana n'abamarayika bacyo. 8 Ntibanesha kandi mu ijuru ahabo ntihaba hakiboneka. 9 Cya kiyoka kinini kiracibwa, ari cyo ya nzoka ya kera yitwa Umwanzi na Satani, ari cyo kiyobya abari mu isi bese. Nuko kijugunywa mu isi, abamarayika bacyo bajugunyanwa na cyo. 10 Numva ijwi rirenga rivugira mu ijuru riti "Noneho agakiza karasohoye, gasohoranye n'ubushobozi n'ubwami bw'Imana yacu n'ubutware bwa Kristo wayo, kuko Umurezi wa bene Data ajugunywe hasi, wahoraga abarega ku manywa na nijoro imbere y'Imana yacu. 11 Na bo bamuneshesheje amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwabo, ntibakunda amagara yabo, ntibanga no gupfa. 12 Nuko rero wa juru we, namwe abaribamo nimwishime. Naho wowe wa si we, nawe wa nyanja we, mugushije ishyano kuko Satani yabamanukiye afite umujinya mwinshi, azi yuko afite igihe gito."

Intambara mu Ijuru.—Imirongo itandatu ibanza y'iki gice nk'uko twabibonye, iratujyana ikatugeza ku iherezo ry'imyaka 1260, mu mwaka wa 1798, ari wo mwaka washoje igihe cyo gukomera k'ubupapa. Mu murongo wa 7, na ho biragaragara ko dusubizwa inyuma mu myaka yabanjirije icyo gihe. Mbese ni kure bingana iki?—Ni mu gihe cyavuzwe ku nshuro ya mbere muri iki gice, mu minsi yo kuza kwa mbere kwa Kristo, igihe Satani yakoreraga mu bubasha bwa Roma ya gipagani afite ubucakura bwa kidayimoni, ashaka kurimbura Umukiza w'abantu; kandi na none wasubira hirya y'icyo gihe ukagera ku ntangiriro z'intambara ikomeye hagati y'ukuri no gukiranirwa, igihe mu ijuru ubwaryo Mikayile (Kristo) n'abamarayika

be yarwanaga n'ikiyoka (Satani) n'abamarayika bacyo. Kugira ngo ubone igihamba cy'uko Mikayile ari we Kristo, reba muri Yuda umurongo wa 9; 1 Abatesalonike 4: 16; Yohana 5: 28, 29.

"Ntibanesha."—Imana ishimwe kubera ko muri iriya ntambara ya mbere umushukanyi ukomeye kurusha abandibose yatsinzwe. "Lusufuri, umwana w'umuseke" wari ufite ishyingiye n'urwango mu mutima we, mu gasuzuguro kenshi yari yayoboye ingabo z'abamariyika zitari zinyuzwe mu kugomera ubutegetsi bw'Imana. Nyamara Ibyanditswe byera bivugaga ko "atanesheje" kandi yajugunywe mu isi, n'abamarayika be bajugunyanwa na we."

Nyuma y'ibinyejana byinshi, igihe Kristo yazaga bwa mbere, cya "kiyoka kinini" "ya nzoka ya kera yitwaga umwanzi na Satani," cyakoresheje imbaraga z'ikirenga yiyoberanije mu ishusho y'ikiyoka kinini gitukura, (gishushanya Roma ya gipagani), kugira ngo arimbure Umucunguzi w'abari mu isi. Satani yari yarategereje ko Kristo atangira umurimo we muri iyi si nk'amahirwe ye ya nyuma yo gutsinda akaburizamo inama y'agakiza. Yasanze Kristo afite ibishuko bijya gusa n'ukuri, yiringiye ko abasha kumutsinda. Yagerageje uburyo butandukanye bwo kurimbura Kristo mu gihe cy'umurimo we. Igihe yari abashije kumushyira mu gituro, yagerageje uko ashoboye kose ngo mu bucuza bwe amuhezemo. Nyamara igihe cyose basakirana, Umwana w'Imana yaraneshaga; ndetse yoherereza abayoboke be b'indahemuka isezerano ryuzuye ubuntu rigira riti: "Unesha azicarana nanjye ku ntebe yanjye y'ubwami. Nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe ye y'ubwami." (Ibyahishuwe 3:21). Ibi bitwereka ko Yesu yahuye n'intambara igihe yari ku isi, maze aranesha. Satani yabonye ko n'umuhati we wa nyuma utageze ku ntogo, imigambi ye ya nyuma iratsindwa. Yari yarirase ko yashoboraga gutsinda Umwana w'Imana mu murimo yari kuba akorera muri iyi si, bityo ngo inama y'agakiza itsindwe bikojeje isoni. Yari azi neza ko naramuka atsinze muri uyu muhati we uheruka, ntashobore kurogoya umurimo w'Imana, icyizere cye cya nyuma cyari kuba kiyoyotse, kandi akaba ajimije byose. Mu mvugo yakoreshejwe mu murongo wa 8, ngo "ntiyanesha" ishobora gutuma iyi ndirimbo iririmbwa neza, ngo "Nuko rero wa juru we, namwe abaribamo nimwishime."

Mu Ijuru Ahabo Ntihaba Hakiboneka.—Satani n'abamarayika baguye batsinzwe uruhenu, ibyo Kristo asobanura muri aya magambo ngo: "Nabonye Satani avuye mu ijuru agwa asa n'umurabyo" (Luka 10: 18), kandi na Petero atubwira ko aba bamarayika baguye bajugunywe "bakaboheshwa iminyururu y'umwijima ngo barindirwe gucirwaho iteka" (2 Petero 2:4).

Icyizere yari amaze igihe kirekire ahendahenda cyo gutsinda Umwana w'Imana igihe yishyiragaho kamere yacu, cyarayoyotse by'iteka ryose. Ububasha bwe bwari bufite aho bugarukira. Ntiyari agishoboye kwigira inama yo kujya guhangana n'Umwana w'Imana, kuko Kristo yari yaramutsinze rwose. Uhereye ubwo, itorero (umugore) ryakomeje guhura n'urwango rwe, kandi akoresha bwa buryo bw'ubwicanyi bwo kumurwanya ku buryo buhita bugaragaza umujinya amufitiye.

Ariko hano hari indirimbo iharirimbwa ngo: “Noneho agakiza karasohoye.” Mbese ibi bishoboka bite, niba ibivugwa byarabaye mu gihe cyashize? Mbese icyo gihe ni bwo agakiza n'imbaraga n'ubwami bw'Imana n'ububasha bwa Kristo wayo byaje? Ntabwo ari byo. Ahubwo iyi ndirimbo yaririmbwe ibyo bitegerejwe. Ibyo byaje guhinduka impamo. Gutsinda gutangaje kwaje kuba ukwa Kristo, ari na ko kwakemuye by'iteka ryose ikibazo cyo gushimangirwa kwabyo.

Noneho umuhanuzi arabukwa ku buryo bwihuse umurimo wa Satani uhereye icyo gihe kugenda ukageza ku mperuka (umurongo wa 11 n'uwa 12). Nubwo umujinya we urushaho kwiyoungera iyo abona ko igihe cye kirushako kuba kigufi, muri icyo gihe ni bwo benedata b'indahemuka bazamuneshesha amaraso y'Umwana w'Intama n'ijambo ryo guhamya kwabo.

Satani ni we wagiye mu mutima wa Herode ngo yice Umukiza. Ariko igikoreshe gikomeye kurusha ibindi cy'umugome uhebuje bese mu kurwanya Kristo n'abantu be mu binyejana bya mbere by'igihe cy'ubukristo, cyabaye ubwami bwa Roma, kandi muri icyo gihe cyabwo ubupagani ni bwo bwari idini irusha ayandi madini imbaraga. Nuko rero, mu gihe ikiyoka gishushanya by'umwihariko Satani, na none icyo kiyoka mu busobanuro bwacyo bwa kabiri, ni uko ari ubwami bwa Roma ya gipagani.

UMURONGO WA 13 Nuko cya kiyoka kibonye yuko kijugunywe mu isi, gihiga wa mugore wabyaye umuhungu. 14 Umugore ahabwa amababa abiri y'ikizu kinini, kugira ngo aguruke ahungire mu butayu ahantu he, aho agaburirirwa igihe n'ibihe n'igice cy'igihe, arindwa icyo kiyoka. 15 Icyo kiyoka gicira amazi ameze nk'uruzi inyuma y'uwo mugore kugira ngo amutembane. 16 Ariko isi iramutabara, yasamya akanwa kayo imira uruzi cya kiyoka cyaciriye. 17 Ikiyoka kirakarira wa mugore, kiragenda ngo kirwanye abo mu rubyaro rwe basigaye, bitondera amategeko y'Imana kandi bafite guhamya kwa Yesu.

Itorero mu Butayu.—Na none hano twongeye kugarurwa inyuma mu gihe Satani yamenyeshwaga ko kugerageza kwe kose ashaka gutsinda Umwami w'ubwiza mu murimo we yakoreraga hano ku isi gutsinzwe bidasubirwaho. Amaze kubibona, yahindukiranye umujinya wikubye inshuro cumi, nk'uko twarangije kubibona, ajya kurwanya itorero Kristo yari amaze gushinga. Ubwo ni bwo tubona itorero ryinjira mu yindi mibereho ivugwa hano nko “kuba mu butayu.” Ibi bigomba kwerekana kuba ahantu ha wenyine, aho ritabonwa na rubanda, kandi rikaba ryihishe abanzi baryo. Rya torero ryamaze igihe cyose cy'umwijima rivugiriza impanda mu matwi y'abakristo bashoboraga kumva ngo ribamenyeshe amategeko y'abayobozi baryo, kandi rizamura ibendera ryaryo rigaragara cyane imbere y'abantu benshi barirebaga batangaye, ntiriyari itorero rya Kristo; rwari urugaga rw'amayoberane yo gukiranirwa.

“Ubwiru bwo kubaha Imana” ni Imana hano yihishuye nk'umuntu; “amayoberane yo gukiranirwa,” ni umuntu wiyerekanaga ko ari Imana.

Ubu ni ubuhakanyi bukomaye bwahimbwe n'ubupagani n'ubukristo bwishyize hamwe. Itorero ry'ukuri ntiragaragara. Baramirizaga Imana ahantu hihishe. Mu buvumo n'ahantu hacuze umwijima ho mu bibaya bya Piedmont. Aho ni ho hashobora gufatwa nk'ahantu hahagarariye ahandi, aho ukuri k'ubutumwa bwiza kwashakishirizwaga n'abaguhaga agaciro kera, bakakurinda umujinya w'abanzi bako. Hano Imana yarindaga itorero ryayo, kandi ubuntu bwayo bwararirengeraga kandi bukarigaburira.

Amababa y'ikizu yahawe umugore asobanura neza umuhati itorero ry'ukuri ryakoresheje igihe ryabonaga ko ritegetswe gushaka ubuhungiro bwaryo ubwo umunyabugome yari amaze gushyikira ububasha. Yahawe ubutabazi bw'Imana kugira ngo abashe kugera kuri icyo ntego. Imvugoshusho nk'iyi ikoresheye mu kwerekana uburyo Imana yafashije Isirayeli ya kera. Binyuze muri Mose, Imana yababwiye Abisirayeli iti: "Mwabonye ibyo nagiriye Abanyegiputa, kandi uko naramije mwe amababa nk'ay'ikizu nkabizanzira." Kuva 19:4

Kuvuga igihe umugore yamaze agaburirirwa mu butayu nk' "igihe, ibihe n'igice cy'igihe", interuro isa n'iyakoreshejwe muri Daniyeli 7:25, byabaye urufunguzo rwo gusobanura aya magambo dushorejeho. Igihe nk'iki mu Byahishuwe 12:6 cyitwa "iminsi igihumbi na magana abiri na mirongo itandatu." Ibi byerekana ko "igihe" ari umwaka umwe, ugizwe n'iminsi 360; "ibihe" bibiri bikaba ari imyaka ibiri, cyangwa iminsi 720; noneho "igice cy'igihe" kikaba ari kimwe cya kabiri cy'umwaka cyangwa iminsi 180, byose hamwe bikaba bibyara iminsi 1260. Kubera ko iyi minsi ikoreshejwe nk'amarenga, ishushanya imyaka isanzwe 1260.

Ikiyoka cyaciriye uruzi ruva mu kanwa kacyo rumeze nk'umwuzure kugira ngo rutembane itorero. Ubupapa bukoresha inyigisho zabwo z'ibinyoma, bwahumanyije amahanga kugira ngo bubashe kubona uko bwigarurira ubutegetswe bwa gisivile bubimara ibinyejana byinshi. Binyuze muri bwo, Satani yashoboraga kuroha umwuzure ukomeye w'akarengane ku itorero mu buryo bwose kandi ibi yabikoze atajuyajye. (Bigereranye n'akarengane gateye ubwoba yakoreye itorero mu busobanuro bwo muri Daniyeli 7:25). Miliyoni nyinshi z'abizera nyakuri zatebanywe n'umwuzure, nyamara ntabwo itorero ryose ryamizwe bunguri kubera ko icyo minsi yagabanyijwe kubw'intore z'Imana. (Matayo 24:22).

"Isi yatabaye umugore" binyuze mu kwasamura akanwa kayo ikamira wa mwuzure. Ubugorizi bw'Abaprotestanti bwo mu kinyejana cya cumi na gatandatu bwatangiye umurimo wabwo. Imana yahagurukije Maritini Luther na bagenzi be kugira ngo bashyire ahagaragara kamere nyakuri y'ubupapa, kandi ngo bamenagure ububasha ubupfumu bwari bwarakoresheje ngo buheze ibitekerezo by'abantu mu bubata. Luteri yamanitse amahame ye ku rugi rwa Kiriziya y'ahitwa Wittenberg; kandi ikaramu yari yakoresheje ayandika, dukurikije icyo inzozo z'ikigereranyo z'umuntu umwe mwiza wayarebye akayakunda witwa Feredariko w'i Saxony, yavuze ko icyo karamu yakwiriye mu migabane yose y'isi, ndetse

inyeganyeza amakamba atatu agerekeranye ku mutwe wa Papa. Ibikomangoma bimwe byatangiye kwemera ibyo Abagorozi bavugaga. Wari umuseke utambitse w'umucyo n'ubwisanzure bw'iyobokamana, kandi Imana ntiyari kwemera ko umwijima umira ukurabagirana k'uwo mucyo.

Imbaraga z'indengakamere zaramenaguritse. Abantu babonye ko agaciro n'imivumo ya papa byikubita ku birenge byabo ntibigire icyo bibatwara igihe cyose babaga batinyutse gukoresha ubushobozi bahabwa n'Imana bwo kuyobora imitimanama yabo bakoresheje Ijambo ryayo ryonyine. Abarwanirira kwizera k'ukuri bariyongereye. Bidatinze, habonetse ubutaka buhagije bw'Ubugorokari mu Burayi no mu Isi Nshya kugira ngo bumire umwuzure w'uburakari bw'ubupapa, kandi bubunyage ububasha bwabwo bwo kugirira nabi itorero. Ni muri ubwo buryo isi yatabaye umugore, kandi yakomeje kumutabara kugeza magingo aya, ndetse umwuka w'Ubugorokari no kwishyira ukizana mu by'adini byakomeje gushyigikirwa n'ibihugu byari bikomeye mu bice by'isi byagezemo ubukristo.

Kurwanya Abasigaye.—Nyamara ikiyoka ntikirakarangiza umurimo wacyo. Umurongo wa 17 utwereka ukundi gukongezwa k'uburakari bwacyo. Noneho kuri iyi nshuro cyari kibwerekeje ku gisekuru giheruka cy'Abakristo bazaba bari ku isi. Tuvuga igisekuru giheruka kubera yuko intambara ikiyoka kirwana, kiba gihiga abasigaye bo mu rubyarokari rw'umugore, ari ryo torero ry'ukuri, kandi nta kindi gisekuru kiriho uretse igiheruka gishobora gushushanywa n'abasigaye. Niba iki gitekerezo ari icy'ukuri ko tugeze ku gisekuru kizabona ibintu biheruka amateka y'isi, iyi ntambara yo kurwanya ukuri ntishobora kuba iri kure yacu mu bihe biri imbere.

Aba basigaye barangwa no kubahiriza amategeko y'Imana ndetse bakagira guhamya kwa Yesu Kristo. Ibi bitunga agatoki ku ivugurura rishingiye ku Isabato rigomba gukorwa mu minsi iheruka, kubera ko ku Isabato yonyine, nk'ifite aho ihuriye n'amategeko, ni ho hari itandukaniro ryo kwizera n'imigirire biboneka mu bemera amategeko cumi nk'amategeko [Imana yatanze] agenga imyitwarire y'abantu. Ibi bigaragarira by'umwihariko mu butumwa buboneka mu Byahishuwe 14: 9-12.

URUGAMBA RW'IGIHE KIREKIRE RWO GUHARANIRA UMUDENDEZO MU BY'IDINI

IBYAHISHUWE 13

UMURONGO WA 1 Ngihagarara ku musenyi wo ku nyanja, ngiye kubona mbona inyamaswa iva mu nyanja ifite amahembe cumi n'imitwe irindwi. Ku mahembe yayo hariho ibisingo cumi, no ku mitwe yayo hariho amazina yo gutuka Imana. 2 Iyo nyamaswa nabonye yasaga n'ingwe, amajanja yayo yasaga n'aya aruko, akanwa kayo kasaga n'ak'intare. Cya kiyoka kiyiha imbaraga zacyo n'intebe yacyo y'ubwami, n'ubutware bukomeye. 3 Nuko mbona umwe mu mitwe yayo usa n'ukomeretse uruguma rwica, ariko urwo ruguma rwawishe rurakira. Abari mu isi yose bakurikira iyo nyamaswa bayitangarira.

4 Baramya icyo kiyoka kuko cyahaye iyo nyamaswa ubutware bwacyo, baramya n'iyi nyamaswa bati: "Ni nde uhwanye n'iyi nyamaswa, kandi ni nde ubasha kuyirwanya?"

Inyanja ni ikimenyetso cy'amoko y'abantu, n'amateraniro, n'amahanga, n'indimi." (Ibyahishuwe 17:15). Inyamaswa ni imvugoshusho ya Bibiliya isobanura ishyanga cyangwa ububasha. Rimwe na rimwe isobanura ububasha mu bya politiki gusa, noneho mu kindi gihe igasobanura ubuyobozi bw'idini bufataniye n'ubwa gisivile. Igihe cyose inyamaswa ibonetse ituruka mu nyanja, biba byerekana ko ububasha bwadutse bukomotse ahantu hatuwe cyane. Niba umuyaga werekanywe nk'uhuha mu nyanja, nk'uko bimeze muri Daniyeli 7:2,3, ikiba cyerekanwa ni

imyivumbagatanyo mu bya politiki, uguhangana hagati y'abaturage b'ibihugu, n'imyivumbagatanyo muri rusange.

Iyo dufashe ikiyoka kiboneka mu gice kibanziriza iki, tugafata n'inyamaswa iboneka muri iki gice dutangiye, tubona ubwami bwa Roma bwose uko bwakabaye mu bihe bibiri bwanyuzemo: Roma ya gipagani na Roma y'ubupapa. Kubw'ibyo rero, buri kimenyetso muri ibi byombi gifite imitwe irindwi n'amahembe cumi. (Reba ubusobanuro buri mu Byahishuwe 17: 10).

Inyamaswa Isa n'Ingwe.—Inyamaswa ifite imitwe irindwi n'amahembe cumi. Muri make inyamaswa isa n'ingwe ivuzwe hano, ishushanya inyamaswa ikoresha ububasha bw'idini ndetse n'ubutware bwa gisivile. Iyi ngingo ni ingenzi bihagije kugira ngo dusobanure neza impamvu y'ibi bitekerezo bike biyihamya.

Umurongo w'ubuhanuzi iki kimenyetso kigaragaramo, utangirana n'Ibyahishuwe igice cya 12. Ibimenyetso by'ubutegetsu bw'isi bikoreshwa mu buhanuzi ni ikiyoka kiboneka mu Byahishuwe 12 n'inyamaswa isa n'ingwe, n'inyamaswa ifite amahembe abiri yo mu Byahishuwe 13. Uwo murongo w'ubuhanuzi kandi nk'uko byigaragaza ukomereza mu Byahishuwe 14. Bityo, duhereye ku Byahishuwe 12:1, maze tugaherukiriza ku Byahishuwe 14:5, tuba dufite umurongo wa gihanuzi usobanutse kandi wuzuye muri wo ubwawo.

Buri bubasha muri ubu buvuzwe hano bwerekana nk'uburenganya bikabije itorero ry'Imana. Ibibaho bitangirana n'itorero rishushanywa n'umugore wari uhagaritse umutima ategereje ko isezerano risohozwa maze urubyaro rw'uwo mugore, ari rwo Mwami w'ubwiza, akaboneka hagati mu bantu. Ikiyoka cyahagaze imbere y'uwo mugore gifite umugambi wo kumira bunguri umwana we. Umugambi wacyo ukomwa mu nkokora, maze umwana arasahurwa ajyanwa ku Mana no ku ntebe yayo y'ubwami. Hakurikiraho igihe itorero rimara ribabazwa no gutotezwa bikabije n'ububasha bw'ikiyoka. Muri uyu mugabane w'ibiri kuba umuhanuzi anyuzamo akarabukwa ibyakomezaga kuba, hakaba ubwo agaruka mu ntangiriro akongera akabona ibyo ku iherezo, kubera ko abanzi b'itorero bose bakoreshwaga n'umwuka w'ikiyoka. Mu murongo wa 1 w'Ibyahishuwe 13 dusubizwa inyuma mu gihe inyamaswa isa n'ingwe yasimbura ikiyoka, igatangira umurimo wayo. Itorero ryahuye n'intambara ndetse n'akarengane gakomotse kuri ubu bubasha mu gihe cy'inyaka 1260. Mu gihe cyakurikiye iki cy'akarengane, itorero ryahuye n'indi ntambara, yari iy'igihe kigufi ariko ikomeye kandi irimo ubugome, icyo gihe ryarwanywaga n'inyamaswa ifite amahembe abiri. Nyuma yaho haboneka gutabarwa. Ubuhanuzi busoza itorero ritabawe rigakurwa mu karengane ryakorwaga amahoro, maze rigahagarara rinesheje ku Musozi Siyoni riri kumwe n'Umwana w'Intama. Imana ishimirwe isezerano ridakuka ryo kunesha guheruka!

Ukomeza kugaragara mu nkuru igihe cyose ni umwe, kandi amateka ye akaba ari yo nsanganyamatsiko ihatse izindi mu buhanuzi, uwo ni itorero

ry'ukuri ry'Imana. Abandi baboneka mu nkuru ni abarenganya kandi na bo bazamo bitewe gusa n'uko bakora uwo murimo nyine. Hano nk'uko intangiriro ibisaba, turabaza iki kibazo ngo: Ni nde cyangwa se ni iki kirenganya itorero ry'ukuri? Ni itorero ry'ibinyoma cyangwa se itorero ryahakanye kwizera nyakuri. Mbese ni ukubera iki rihora buri gihe rirenganya iyobokamana nyakuri? Ni uko ryo ari iyobokamana ry'ibinyoma ndetse rikaba ibyiganano. Ni nde wigeze yumva aho ubutegetsi bwa gisivile bw'igihugu runaka burenganya abantu ari bwo bubyitekerereje? Ubutegetsi bushobora kurwanya ubundi butegetsi kugira ngo bubwihimureho bitewe n'icyo bwabukoreye kibi, cyaba ari icy'ukuri cyangwa icyo bwihimbiye, cyangwa se kugira ngo bwagure imbibi z'igihugu, n'ububasha bwabwo bugere kure. Nyamara ubutegetsi ntibutoteza (wite ku ijambo ngo *ntibutoteza*) abantu ku bw'idini, keretse gusa bitewe n'urusobe rw'amadini ahanganye n'idini ry'abo bantu cyangwa se akaba arirakariye.

Inyamaswa Isa n'Ingwe, Ububasha Burenganya.—Ububasha buvuzwe muri ubu buhanuzi—ni ikiyoka, inyamaswa isa n'ingwe, ndetse n'inyamaswa ifite amahembe abiri iboneka mu murongo wa 11-17, zose ni ububasha burenganya. Bakorehwa n'uburakari n'urwango banga ubwoko bw'Imana n'itorero ryayo. Iki kintu ni igihamya cyihagije ngo umuntu ahereho afata umwanzuro uvuga ko buri bubasha bwose muri ubu ngubu bwagiye buyoborwa n'ububasha bw'ubuyobozi bw'idini cyangwa bugakora ariko hihishemo ingingo y'iyobokamana.

Reba Ikiyoka: Mbese Gishushanya Iki?—Igisubizo kitabasha guhakanwa ni uko gishushanya bwa mbere Satani, nk'uko biri bwerekanwe imbere. Noneho ku nshuro ya kabiri kigashushanya ubwami bwa Roma. Nyamara ibi ntibihagije. Nta muntu wanyurwa n'iki gisubizo. Kigomba gusobanuka biruseho. Kubera iyo mpamvu turongeraho ibi bikurikira: ni Ubwami bw'Abaroma mu *ishusho yayo ya gipagani*, kandi ibi bose bashobora kubyemera. Ariko iyo tukivuga ngo ya *gipagani*, tuba tuzanyemo ingingo y'iby'idini, kubera yuko ubupagani ari rumwe mu nsobe zikomeye z'iyobokamana ry'ibyiganano Satani yabashije guhimba. Nuko rero, ikiyoka kugeza ubu, ni ububasha bw'idini ku buryo ikikiranga gituma kibasha kumenyekana ni uko ari urusobe rw'ikinyoma rw'idini. Mbese ni iki cyateye ikiyoka kurenganya itorero rya Kristo? Ni uko ubukristo bwari buri kurusha imbaraga ubupagani, buri kugenda bwigizayo ubupfumu, buri guhirika ibigirwamana byabwo kandi bukanasenyanya insengero zabwo. Ingingo y'iby'iyobokamana y'ubwo bubasha yari ikozweho, maze iba ari yo ituma akarengane gakurikiraho.

Noneho tugeze ku nyamaswa isa n'ingwe yo mu Byahishuwe 13. Mbese iyi nyamaswa ishushanya iki? Igisubizo kiracyari iki ngo: ni *Ubwami bw'Abaroma*. Nyamara se niba ikiyoka gishushanya Ubwami bwa Roma, ni kuki hadakomeza gukoreshwa ikimenyetso kimwe mu kubwerekana? Habayeho impinduka muri *kamere y'idini y'ubwo bwami*. Iyi nyamaswa ishushanya Roma mu *ishusho y'ubukristo yiyitiriraga*. Iyi mpinduka yo mu by'idini yonyine, ni yo ituma biba ngombwa guhindura ikimenyetso

gikoreshwa. Aho iyi nyamaswa itandukaniye n'ikiyoka ni uko igaragaza imimerere itandukanye mu by'idini. Bityo, byaba ari ikosa guhamya yuko yerekana gusa Ubwami bwa Roma bwa gisivile.

Ikimenyetso cy'Ubupapa.—Ikiyoka giha ububasha bwacyo iyi nyamaswa, kikayihira n'intebe yacyo, ndetse n'ubutware bwacyo bukomeye. Mbese Roma ya gipagani yasimbuwe n'ubuho bubasha? Twese tuzi yuko ari Roma y'ubupapa. Ntabwo icyo tugendereye muri uyu mwanya ari ukuvuga igihe cyangwa uburyo bwakoreshejwe kugira ngo iyi mpinduka ibeho. Igihamba gikomeye kiragaragara kandi cyemerwa na bose, ko igihe cyakurikiyeho cy'ubwami bwa Roma nyuma yuko Roma ya gipagani icyuye igihe, ni icy'ubuyobozi bw'ubupapa. Bityo rero, ntabwo byaba ari byo kuvuga ko Roma ya gipagani yahaye ububasha bwayo n'intebe yayo ubutegetswe bwa gisivile, nta kintu cyerekeranye n'idini kibirimo. Nta bitekerezo byagenda ngo bigere ku buryo iri hererekanya ryabayeho. Nyamara ibihe bibiri ubwami bwanyuzemo hano biremerwa, kandi mu buhanuzi Roma ikomeza kuba iya gipagani kugeza ubwo ibaye Roma ya gipapa. Interuro ivuga yuko ikiyoka cyahaye inyamaswa isa n'ingwe ububasha bwacyo n'intebe yacyo na cyo ni ikindi gihamba cy'uko ikiyoka cyo mu Byahishuwe 12:3 gikoreshwa nk'ikimenyetso cy'Ubwami bwa Roma ya gipagani. Nyamara iyo tugarutse kuri ubwo bubasha bwombi, maze tukabwegeranya n'umurimo w'ubugome wabwo, tubona ko yari Satani ubwe wikoreraga umurimo.

Nyamara bishobora kuvugwa yuko bisaba guhuriza hamwe inyamaswa isa n'ingwe n'inyamaswa ifite amahembe abiri kugira ngo ube uremye ubupapa, kandi nyine ni izo nyamaswa zombi ikiyoka giha ububasha bwacyo, intebe yacyo, ndetse n'ubutware bukomeye. Nyamara si ko ubuhanuzi bubivugaga. Inyamaswa isa n'ingwe yonyine ni yo ikiyoka giha ibyoyose. Iyo nyamaswa yonyine ni yo ikiyoka giha ububasha, intebe n'ubutware bukomeye. Iyo ni yo nyamaswa yari ifite umwe mu mitwe yayo ukomeretse uruguma rwica, ariko nyuma yaho rukaza gukira. Nyuma yaho, abo mu isi bakurikiye iyo nyamaswa batangaye. Iyo nyamaswa yari ifite akanwa kavuga ibyoyose gutuka Imana, ndetse ni yo yarenganyaga abera mu gihe cy'imyaka 1260. Ibi byose ibikora mbere yuko isimburwa n'ubundi bubasha, ari bwo ya nyamaswa ifite amahembe abiri yaje kwaduka hanyuma. Kubw'ibyo rero, inyamaswa isa n'ingwe yonyine, ni yo ishushanya Roma mu ishusho yayo ya gipapa, kandi imbaraga yayo yayoboraga yari iy'idini.

Ihuje Byose n'Agahembe Gato.—Kugira ngo ibi tubyerekane mu buryo bwuzuye, icyo tugomba gukora ni ukubangikanya agahembe gato ko muri Daniyeli 7:8, 20, 24, 25, n'ubu bubasha. Nitumara kubigereranya, biraza kugaragara ko agahembe gato n'inyamaswa isa n'ingwe bishushanya ububasha bumwe. Agahembe gato muri rusange kemurwa nk'ikimenyetso cy'ubupapa. Hari ingingo esheshatu zishingirwaho kugira ngo umuntu abone ko ari bimwe:

1. Agahembe gato kari ububasha butuka Imana. "Ni we uzavuga ibyo kugomera Isumbabyose." (Daniyeli 7:25). Inyamaswa isa n'ingwe yo mu Byahishuwe 13:6 ikora ibimeze bityo. "Ibumburira akanwa kayo gutuka Imana."
2. Agahembe gato karwanyije abera kenda kubanesha. (Daniyeli 7:21). Iyi nyamaswa nayo (Ibyahishuwe 13:7) irwanya abera, ndetse ikabanesha.
3. Agahembe gato kari gafite akanwa kavuga ibikomeye. (Daniyeli 7:8,20). Kuby'iyi nyamaswa, dusoma amagambo akurikira: "Ihabwa akanwa kavuga ibikomeye n'ibyo gutuka Imana." Ibyahishuwe 13:5.
4. Agahembe gato kadutse igihe ubwami bwa Roma yo mu ishusho ya gipagani bwari bucyuye igihe. Inyamaswa yo mu Byahishuwe 13:2 yaduka mu gihe kimwe n'icyo; kubera yuko ikiyoka, ari cyo Roma ya gipagani, kiyiha ububasha bwacyo, intebe yacyo n'ubutware bwacyo bukomereye.
5. Ububasha bwahawe agahembe gato kugira ngo gakomeze kamare igihe, ibihe, n'igice cy'igihe, cyangwa imyaka 1260. (Daniyeli 7: 25). Iyi nyamaswa na yo yahawe ububasha ngo ibumarane amezi 42, cyangwa imyaka 1260. (Ibyahishuwe 13:5).
6. Ku iherezo ry'iyi myaka yasobanuwe neza 1260, "abera", "ibihe" n' "amategeko" byagombaga kumanwira mu biganza by'agahembe gato. (Daniyeli 7:25). Ku iherezo ry'igihe nk'icyo, inyamaswa isa n'ingwe na yo yari "kujyanwaho umunyago." (Ibyahishuwe 13:10). Ibi bintu byose byavuzwe byashohojwe igihe papa yafatwaga akajyanwa nk'umunyagano, ndetse Ubufaransa bugakuraho Ubupapa by'igihe gito mu mwaka wa 1798.

Izi ngingo esheshatu zirahagije kugira ngo zerekane ko agahembe gato n'inyamaswa isa n'ingwe ari bimwe. Iyo mu buhanuzi dufite ibimenyetso bibiri nk'uko biri muri uru rugero, bikaba byerekana ububasha bwaduka bugakora umurimo wabwo mu gihe kimwe, bugakorera *ahantu hamwe*, bukagira *imico imwe*, kandi bugakora *umurimo umwe*, bukamara igihe *kingana* mu murimo wabwo, kandi bukagira *amaherezo amwe*, ibyo bimenyetso biba byerekana *ububasha bumwe*.

Ukomeretse Uruguma Rwica.—Umutwe wari ukomeretse uruguma rwica, wari umutwe w'ubupapa. Tubazwa iby'uyu mwanzuro hashingiwe ku ihame ryigaragaza rivuga yuko ikintu cyose kivuzwe mu buhanuzi ku kimenyetso cy'ubutegetsi runaka, kigomba gusobanura ubwo butegetsi mu gihe cyose bushushanywa n'icyo kimenyetso. Noneho Roma ishushanywa n'ibimenyetso bibiri ari byo: ikiyoka n'inyamaswa isa n'ingwe, kubera ko yanyuze mu bihe bibiri, igihe cy'ubupagani n'igihe cy'ubukristo. Kandi ikintu cyose kivuzwe ku kiyoka, kiba gisobanura Roma muri cya gihe cyayo cy'ubutegetsi bwa gipagani. Noneho hagira ikivugwa ku nyamaswa isa n'ingwe, kikaba gisobanura Roma muri cya gihe cyayo yiyitiriraga ishusho

y'ubukristo. Yohana avuga yuko umwe muri ya mitwe y'inyamaswa isa n'ingwe ari wo wari ukoretse uruguma rwica. Mu yandi magambo, uru ruguma rwageze ku ishusho y'ubutegetsi yari iriho mu gihe cy'ubutegetsi bwa Roma nyuma yo guhinduka ikava mu bupagani ijya mu bukristo. Nuko rero, bigaragara ko wari umutwe w'ubupapa wakomeretse uruguma rwica, kandi bukaba ari bwo bwakize rwa ruguma rwica. Uku gukomerereka ni kimwe no kujyanwa mu bunyage. (Ibyahishuwe 13:10). Bwahanwe igihe Papa Pius VI yajyanwaga n'Umujenerali w'Umufaransa witwaga Berthier ari imbohe ku italiki ya 20 Gashyantare mu mwaka wa 1798, maze hagashira igihe ubutegetsi bw'ubupapa bwaravuyeho. Amaze kwamburwa ububasha bwe bwombi ubwa gisivile n'ubuyobozi mu by'idini, papa w'umunyagano Piyusi wa VI yaguye mu bunyage ahitwa i Valence mu Bufaransa ku italiki ya 29 Kanama mu 1799. Nyamara umutwe wari wakomeretse uruguma rwica warangiye gukira igihe ubupapa bwari bwongeye guhangwa binyuze mu gutorwa k'umupapa mushya mu mwaka wa 1800, nubwo bwari bufite imbaraga nke ugereraniye n'izo bwahoranye mbere.²⁸⁰

UMURONGO WA 5 Ihabwa akanwa kavuga ibikomeye n'ibyo gutuka Imana, ihabwa no kurama ngo imare amezi mirongo ine n'abiri. 6 Ibumburira akanwa kayo gutuka Imana, no gutuka izina ryayo n'ihema ryayo n'ababa mu ijuru. 7 Ihabwa kurwanya abera no kubanesha, ihabwa no gutwara imiryango yose n'amoko yose, n'indimi zose n'amahanga yose. 8 Abari mu isi bose bazayiramya, umuntu wese izina rye ritanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama, watambwe uherye ku kuremwa kw'isi. 9 Ufite ugutwi niyumve. 10 Nihagira ujyana abandi ho iminyago na we ubwe azajyanwa ho umunyago, kandi uwicisha abandi inkota na we akwiriye kwicishwa inkota. Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri no kwizera kwabo.

Kuvuga Ibyo Gutuka Imana.—Iyi nyamaswa ibumburira akanwa kayo “gutuka Imana, no gutuka izina ryayo n'ihema ryayo n'ababa mu ijuru.” Twavuze mbere ku busobanuro bwatanze muri Daniyeli ku bijyanye n'icyo aya magambo ngo “azavuga ibyo kugomera Isumbabyose” asobanura. (Daniyeli 7:25). Mu murongo wa 5 wo muri iki gice cyo mu Byahishuwe, amagambo asa n'ayo yarakoreshejwe, ngo yari “ifite akanwa kavuga ibikomeye.” Nyamara hano, ijambo “gutuka Imana” ryongerwaho, kandi nyine biragaragara ko byerekana ko ibikomeye bigomba kuba amagambo yo gutuka Imana yo mu ijuru.

Mu butumwa bwiza, tubonamo bimwe mu byerekana gutuka Imana icyo ari cyo. Muri Yohana 10: 33, tubonamo uburyo Abayuda bahimbiye Yesu ibirego yuko atuka Imana kubera ko bavuze bati: “Uri umuntu, ariko ukigira Imana.” Ku byerekeye Umukiza wacu, ibyo bamuregaga ntabwo byari byo, kuko n'ubundi yari umwana w'Imana. Yari “Imanuweli, Imana iri

²⁸⁰ See Archibald Bower, *History of the Popes*, Vol. III, pp. 409-420; George Croy, *The Apocalypse of St. John*, p. 251.

kumwe natwe.” Ariko kugira ngo umuntu yiyitirire ubutware bw’Imana, kandi yihe amazina y’icyubahiro y’Imana—ibyo byo ni ugutuka Imana.

Na none, muri Luka 5:21 tuhabona Abafarisayo bagera gatera Yesu mu magambo. Baravuze bati: “Uyu ni nde uvuga ibyo gutuka Imana. Ni nde ushobora kubabarira ibyaha uretse Imana yonyine?” Yesu yashoboraga kubabarira ibicumuro kubera ko yari Umukiza waturutse mu ijuru. Ariko ku muntu, umuntu upfa, ntashobora kuvuga ko afite ubutware nk’ubwo, mu by’ukuri byaba ari ugutuka Imana.

Dushobora kwibaza niba ububasha bushushanywa hano n’iki kimenyetso bwashohotse uyu mugabane w’ubuhanuzi. Mu busobanuro bwatanzwe kuri Daniyeli 7: 25, twabonye ku buryo bwumvikana dufatiye ku gihamya cyatanzwe cy’uko yari yaravuze “ibikomere” byo gutuka Imana. Noneho reba neza ibivugwa ku byerekeranye n’iby’abapadiri bavugaga ko babarira ibyaha:

“Umupadiri ari mu mwanya w’Umukiza ubwe, igihe avugaga ati ‘[Ndakubabariye], ababarira umuntu icyaha. ... Kubabarira icyaha nibura kimwe bisaba ko haba Imana ishoborabyose. ... Ariko icyo Imana ishobora gukora kubw’uko ishobora byose, umupadiri abasha kugikora avuze ngo ‘Ndakubabariye’ ... Inosenti wa III yaranditse ati: ‘Mu by’ukuri urebye imirimo ikomeye kandi itangaje abapadiri bakora, ntabwo bikabije kuvugaga ko [abapadiri] ari imana nyinshi.’”²⁸¹

Hari ibindi bigihari bijyanye n’amagambo yo gutuka Imana ubu bubasha buvugaga:

“Ariko igikwiriye kudutangaza cyane ni igihe tubona ko mu kumvira amagambo y’abapadiri ngo -HOC EST CORPUS MEUM - [Bisobanura ngo *Uyu ni umubiri wanjye*]—Imana ubwayo iramanuka ikaza kuri alitari, ku buryo iza aho bayihamagariye hose, kandi ikaza buri nshuro zose bayihamagaye, nuko ikajya mu biganza byabo, nubwo baba ari abanzi bayo. Kandi nyuma yuko iye, Irahaguma uko yakabaye mu biganza byabo; kandi bakayijyana aho bashakaga, bakayivana hamwe bayijyana ahandi. Babishatse kandi bashobora kuyikingiranira mu ihema, cyangwa bakayigaragaza uko iri kuri alitari cyangwa bakayijyana hanze ya kiriziya. Baramutse babishatse bashobora guhitamo kurya umubiri wabo, bakayigaburira abandi nk’ugabura ibyokurya. Igihe Mutagatifu Laurence Yustiniyani yavugaga ku bijyanye n’abapadiri yaratangaye ati ‘Oooh! Mbega ukuntu ububasha bwabo ari bwinshi! Ijambo rimwe riva ku minwa yabo maze umubiri wa Kristo ukamanuka ugahinduka mu buryo bufatika nk’umugati, kandi Jambo wahindutse umuntu akamanuka akava mu ijuru, akaboneka ku meza yo kuri alitari!’”²⁸²

“Muri ubwo buryo, umupadiri mu buryo runaka ashobora kwitwira umuremyi w’Umuremyi we. ... Mutagatifu Bernardine w’i Sienna yaravuze

²⁸¹ Alphonsus de Liguori, *Dignity and Duties of the Priest*, pp. 34-36.

²⁸² Ibid., pp. 26, 27.

ati: 'Ububasha bw'umupadiri ni ububasha bw'umuntu ufite ubumana; kubera yuko guhindura umugati umubiri wa Yezu Kristo bisaba ububasha bungana n'ubwo kurema isi,'²⁸³

Muri ubu buryo, ubu bubasha bw'inyamaswa butuka urusengero rwo mu ijuru igihe bwerekeza ibitekerezo by'abayoboke babwo ku ntebe yabwo y'ubwami n'urugo rw'ubwami bwabwo aho kubyerekeza ku ihema ry'Imana. Ibikora igihe iyobya ibitekerezo byabo ikabivana ku gitambo cy'umwana w'Imana, ikabijyana ku gitambo cya misa.

Butuka abari mu ijuru igihe bwiyitirira ko bufite ubushobozi bwo kubabarira ibyaha, bityo bugakura ibitekerezo by'abantu ku murimo wa Kristo wo kubabera umuhuza n'umwunganizi wabo mu buturo bwo mu ijuru.

Umurongo wa 10 wongeraga kutwerekeza ku byabaye mu mwaka wa 1798, igihe ububasha bwateye abera kuja mu bunyaga mu gihe cy'imyaka 1260 na bwo bwagiye mu bunyaga muri uwo mwaka.

UMURONGO WA 11 Nuko mbona indi nyamaswa izamuka iva mu butaka. Iyo yo yari ifite amahembe abiri nk'ay'umwana w'intama, ivuga nk'ikiyoka.

Inyamaswa Ifite Amahembe Abiri.—Uyu murongo utwereka ikimenyetso cya gatatu gikomeye gifitanye isano n'ubuhanuzi turimo gusuzuma inshuro nyinshi kizwi ku izina ry'inyamaswa ifite amahembe abiri. Twibaza ku biyanye n'ubusobanuro bwayo. Ikiyoka nka Roma ya gipagani, n'inyamaswa isa n'ingwe nka Roma ya gipapa, biri imbere yacu nk'imiryango ikomeye ihagarariye insobe ebyiri zikomeye z'iyobokamana ripfuye. Ukurikije uko ibintu bikurikirana, bisa naho byasaba ko ikimenyetso gisigaye, ari cyo nyamaswa ifite amahembe abiri, kigira ubusobanuro bumeze kimwe n'ibi bibanza, kandi gusohora kw'icyo kimenyetso kukabera mu ishyamba runaka rishushanya urundi rusobe rw'iyobokamana rikomeye. Urusobe rukumbi rusigaye ruri kugira imbaraga ikomeye yo guhindura abantu mu isi muri iki gihe, ni Ubuprotestanti. Tubifashe mu buryo butagaragarira amaso, ubupagani buhuriye hamwe ibihugu byose bitizera Imana, kandi ibyo bihugu bigize kimwe cya kabiri. Ubugatulika, ahari buhuriye hamwe iyobokamana ry'Itorero ry'Aborutodogisi ba Kigiriki, ba bandi benda gusa na bwo cyane, buboneka mu mahanga agize igice kinini cyane cy'ahantu hageze ubukristo. Ibiranga neza Imyizerere ikomoka kuri Muhamadi n'impinduka iteza yavuzwe mu bundi buhanuzi. (Reba ubusobanuro bwatanzwe muri Daniyeli 11 n'Ibyahishuwe 9). Nyamara Ubuprotestanti ni iyobokamana ry'amahanga agize itsinda riyoboye abatuye mu isi riberekeza mu mudendezo, mu kumurikirwa n'umucyo, amajyambere no mu mbaraga.

Ikimenyetso Kivuga Amerika.—Noneho rero, niba Ubuprotestanti ari iyobokamana tugomba guhanga amaso, ni irihe shyamba rihagarariye iryo

283 Ibid., pp. 32, 33.

yobokamana ubuhanuzi burikurenguriraho? Hari ibihugu by'ubuprotestanti bigaragara cyane ku mugabane w'Uburayi, nyamara kubw'impamvu turi bubone ahakurikira, iki kimenyetso ntigishobora guhuzwa na kimwe muri ibyo bihugu. Ubushakashatsi bwitondewe bwatumye hafatwa umwanzuro ko iki kimenyetso gihura na Amerika ya giprotestanti, cyangwa se Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Impamvu yatumye ubusobanuro nk'ubu bwemerwa, ndetse n'ibihamya bishyigikira ubu busobanuro tuzabireba twitonze.

Mbese hari impamvu zikwiriye gutuma twitega ko Leta Zunze Ubumwe za Amerika zishobora kuvugwaho n'ubuhanuzi? Mbese byatewe n'iki kugira ngo andi mahanga agire umwanya mu mateka ya gihanuzi? icya mbere ni uko bagize uruhare rukomeye mu mateka y'isi; icya kabiri kiruta ibindi byose ni uko bagize ubutware ku bwoko bw'Imana, cyangwa se bakagirana isano ikomeye na bwo. Mu mateka ya Bibiliya ndetse no mu mateka asanzwe ya politiki, tuhabona amakuru dushobora guheraho twanzura kandi twubaka iri hame rifitanye isano n'ibyo ubuhanuzi buvuga ku butegetsi bwayoboye iyi si. Iryo hame ni irivuga ko *'Ishyanga ryinjira mu buhanuzi igihe umurimo n'umurage w'ubwoko bw'Imana ugize aho uhurira mu buryo bugaragara n'iryo shyanga.'* Ibi byose Leta Zunze Ubumwe za Amerika zarabyujuje. Abantu benshi bemejwe badashidikanya mu mitima yabo ko gutangira no gukomera kw'iri shyanga byagize imimerere ituma ijuru ribona ko ari ngombwa kuriteganyijiriza umwanya mu buhanuzi.

Umuyobozi w'intara imwe yo mu gihugu cy'Ubwongereza witwa Pownal, mu mwaka wa 1780, igihe impinduramatwara ya Amerika yabagaho, yahanuye ko icyo gihugu cyari kuzahinduka igihugu cyigenga; avuga ko umurimo wo guteza imbere icyo gihugu wari kukiranga mu buryo burenze ubwigeze kuboneka mu Burayi; kandi ko ubucuruzi bwacyo namato yacyo y'intambara azajya aboneka aho ari ho hose ku isi. Muri ubwo buryo aba avuze ko gushinga imizi kw'icyo gihugu nk'igihugu cyigenga kandi gifite ububasha gushoboka nk'impinduramatwara ifite ibiyiranga bidasanzwe biturutse ku kugoboka kw'Imana, kugira ngo isimbure uburyo bw'imikorere bwa kimuntu, kurenza ikindi kintu cyose isi yari yarabonye mu mateka yayo.²⁸⁴

Igihe George Alfred Townsend yavugaga ku mahirwe make ubutegetsi bwo mu mugabane w'isi w'Uburengerazuba bwagize, yaravuze ati:

"Amateka ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika Imana yayatandukanije n'aya mateka ya kinyamaswa n'ubwicanyi yaranze ahasigaye hose ho muri uyu mugabane w'isi."²⁸⁵

Izindi ngingo zose turi kwitaho, zitangirwa kugira ngo zikangure mu bwenge bw'abantu ikintu gikomeye bashobora kwitega ku bijyanye n'ukuntu

²⁸⁴ Quoted by Hon. Charles Sumner, "Prophetic Voices About America," *Atlantic Monthly*, September, 1867, p. 290.

²⁸⁵ George Alfred Townsend, *The New World Compared with The Old*, p. 635.

iri shyanga rizagaragara ko ryagize uruhare mu gusohoza imigambi y'Imana muri iyi si, kandi ko ahantu runaka rizavugwaho n'ijambo ry'ubuhanuzi.

Uruhererekane rw'Amateka y'Ubu Bubasha.—Mbese amateka y'isi aherereza he ukwaduka k'ubu bubasha bwashyizwe mu buhanuzi? Ku bijyanye n'iyi ngingo, urufatiro rw'imyanzuro dushobora kugeraho rwarangije gushyirwaho n'ibihamba twabonye byerekeranye n'inyamaswa isa n'ingwe. Igihe iyi nyamaswa yajyanwaga mu bunyage, cyangwa cya gihe yicwaga n'inkota (mu murongo wa 10), cyangwa se igihe umwe mu mitwe yawo wakomerekaga urugumwa rwica (umurongo wa 3), ni bwo Yohana yabonye inyamaswa y'amahembe abiri izamuka. Niba inyamaswa isa n'ingwe isobanura ubupapa nk'uko umwanzuro wacu wabihamiye, kandi kujyanwa mu bunyage bikaba bisobanuye guhirikwa k'ubupapa by'igihe gito bikozwe n'Ubufaransa mu mwaka wa 1798, ubwo noneho tuba dufite igihe gisobanutse neza, icyo dushobora gushakiramo kwaduka k'ubwo bubasha. Iyi mvugo ngo "izamuka" igomba gusobanura ko ubu bubasha ikoreshwaho ari bwo bwari bugitangira kwegeranya imbaraga, noneho bukaba ari bwo bwari bugitangira kwigaragaza no kugwiza imbaraga.

Mbese hari uwashidikanya ku ishyanga ryari riri "kuzamuka" mu mwaka wa 1798? Rwose bigomba kwemerwa ko Leta Zunze Ubumwe za Amerika ari bwo butegetsi bwonyine bushobora guhuza n'ibi byavuzwe n'ubuhanuzi kuri iyi ngingo y'uruhererekane rwerekana uburyo ibintu byagiye bikurikirana.

Intambara yo guharanira ubwigenge bw'ibihugu byakoronijwe byo muri Amerika yatangiye mu mwaka wa 1775. Mu mwaka wa 1776, batangaje bo ubwabo ko ari ishyanga (igihugu) ryigenga. Mu mwaka wa 1777, abahagarariye Leta cumi neshatu zabanje ku isonga ari zo New Hampshire, Massachusetts, Rhode Island, Connecticut, New York, New Jersey, Pennsylvania, Delaware, Maryland, Virginia, North Carolina, South Carolina, na Georgia, bahuriye mu Nama, bemeza ingingo z'amategako zo gukorera hamwe nk'umuryango w'ubumwe bw'ibihugu. Mu mwaka wa 1783, intambara yo guharanira impinduramatwara irangizwa n'amasezerano y'amahoro bagiranye n'Ubwongereza, ari bwo ukwigenga kwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika kwemejwe ku mugaragaro, maze ubutaka bw'iryo shyanga bungana n'ubuso bwa kilometero kare 1.312.324, 535 (km²) burabegurirwa ngo babutegeke. Mu mwaka wa 1787, bakoze imbanzirizamushinga y'itegekonshinga, maze kuwa 26 Nyakanga 1788 ryemezwa na Leta 12 kuri 13 zatangiranye n'iryo shyanga. Noneho ku italiki ya mbere Werurwe 1789, ritangira gushyirwa mu bikorwa. Muri ubwo buryo, Leta Zunze Ubumwe za Amerika zitangira zifite ubuso butageze kuri 1.500.000 km² kandi zifite abaturage batageze kuri miliyoni enye. Noneho turaza tukagera mu mwaka wa 1798, aho iri shyanga ryinjira mu buhanuzi.

Igihe Yohana Wesley yandikaga ku Byahishuwe 13 mu mwaka wa 1754, yavuze ku nyamaswa ifite amahembe abiri ati:

“Ntiyari yaza, nubwo idashobora kuba iri kure cyane. Kubera ko igomba kwaduka ku iherezo ry’amezi mirongo ine n’abiri yahawe inyamaswa ya mbere.”²⁸⁶

Imyaka y’Ubukuru y’Ubwo Bubasha.—Mu buhanuzi hari igihamba cyiza cyerekana ko ubutegetsu bushushanywa n’inyamaswa y’amahembe abiri buvugwaho mu mugabane ubanza w’umurimo wabwo. Ni ukuvuga igihe bwari bukiri ubutegetsu bugitangira kugwiza imbaraga nk’iza gisore. Yohana yaravuze ati: “Nuko mbona indi nyamaswa izamuka iva mu gitaka; iyo yo yari ifite amahembe abiri *asa n’ay’umwana w’intama*.” Mbese ni ukubera iki Yohana ativugira gusa ngo “yari ifite amahembe abiri”? Ni ukubera iki avuga ngo “asa n’ay’umwana w’intama”? Bigomba kuba byaratewe no kugira ngo yerekane imiterere y’iyo nyamaswa; bishatse kuvuga ko iyo nyamaswa itari itunganye ngo ibe n’inyamahoro gusa, ahubwo yari inagifite *imbaraga za gisore*; kubera ko amahembe y’umwana w’intama, ari amahembe aba agitangira gukura.

Zirikana mu bitekerezo byawe ko mu rukurikirane rw’uko ibintu yagenze ahabanza, amaso yacu twayahanze ku mwaka wa 1798, igihe ububasha (ubutegetsu) burengurirwaho bwari bukiri mu gihe cy’ubusore. Mbese ni ubuhe butegetsu bukomeye bwariho bwigaragaza cyane, nyamara bukaba ari bwo bwari bugitangira? Ntabwo ari Ubwongereza, si n’Ubufaransa, nta n’ubwo ari Uburusiya cyangwa ngo bube ubundi butegetsu ubwo ari bwo bwose bwo ku mugabane w’Uburayi. Kugira ngo tumenye ubutegetsu bwari bukiri butoya muri kiriya gihe, duhatirwa kwerekeza amaso yacu mu *Isi Nshya*. Nyamara iyo tukiyahindukiza tukayerekeza muri icyo cyerekezo, ntiwayabuza gutinda kuri Leta Zunze Ubumwe za Amerika nk’aho ari ubwo butegetsu buvugwa. Nta bundi bubasha (butegetsu) buri mu gice cy’uburengerazuba bw’inyanja ya Atlantika buhuje n’ibi bimenyetso.

Aho Inyamaswa Ifite Amahembe Abiri Ibarizwa.—Interuro imwe yo mu buhanuzi irahagije kugira ngo idufashe kugera ku myanzuro y’ingenzi kandi y’ukuri ku byerekeranye n’iyi ngingo. Yohana ayita “indi nyamaswa.” Kubera iyi mpamvu, ntabwo ari umugabane w’inyamaswa ya mbere; kandi ububasha cyangwa ubutegetsu bushushanywa na yo nta n’ubwo ari umugabane w’iby’iyo nyamaswa yari igamije. Iki ni ikintu gitsinda abirengagiza guhuza iki kimenyetso na Leta Zunze Ubumwe za Amerika bavuga ko cyerekana igihe runaka ubupapa bwanyuzemo; kubera ko mu buryo nk’ubwo yaba ari umugabane w’inyamaswa ibanza isa n’ingwe.

Kubera ko iyi yitwa “indi” nyamaswa “yazamutse iva mu gitaka,” igomba kuboneka ku bundi butaka butandukanye n’ubw’ibi bimenyetso bindi byakomotsemo. Babuloni n’Abamedi n’Abaperesi bari baherereye mu bice byari biteye imbere byo muri Aziya. Ubugiriki bwategekaga Uburayi bwo mu gice cy’uburasirazuba, ndetse harimo n’Uburusiya. Roma yari igizwe n’ubwami cumi bwaje kwigabanyamo hanyuma, nk’uko bushushanywa

²⁸⁶ John Wesley, *Explanatory Notes Upon the New Testament*, p. p. 735, comment on Revelation 13:11.

n'amano cumi yo muri Daniyeli 2, amahembe cumi yo ku nyamaswa ya kane yo muri Daniyeli 7, amahembe cumi y'ikiyoka kibonekka mu Byahishuwe 12, ndetse n'amahembe cumi y'inyamaswa isa n'ingwe iri mu Byahishuwe 13, byose byari biri mu Burayi bw'uburengerazuba. Mu yandi magambo, igice cyose cy'Uburayi bw'uburasirazuba buzwi mu mateka n'iterambere ry'imiryango y'abantu kijyana n'ibimenyetso bya gihanuzi bitanga n'ubusobanuro utapfa kubonera impamvu zo gushidikanya.

Nk'uko twabibonye, hari ishyanga rikomeye ryo mu gice cy'Uburengerazuba bw'Isi rikwiriye kugira icyo rivugwaho mu buhanuzi, ariko rikaba ritari ryavugwa. Hari ikimenyetso kimwe gisigaye kitari cyahuzwa n'ibyabayeho. Ibimenyetso byose byarasobanuye keretse kimwe, kandi n'ahantu hose haboneka mu gice cy'Uburasirazuba bw'Isi harangije guhuzwa n'ibyabayeho mu mateka. Mu bimenyetso byose byavuzwe, hasigaye kimwe gusa, ari cyo nyamaswa ifite amahembe abiri ivugwa mu Byahishuwe 13. Mu bihugu byose byo ku isi, twitaye ku mpamvu iyo ari yo yose yatuma bivugwa mu buhanuzi, kimwe gusa ari cyo Leta Zunze Ubumwe za Amerika, ni cyo gisigaye. Mbese inyamaswa ifite amahembe abiri yaba ishushanya Leta Zunze Ubumwe za Amerika? Ni ba ari byo, ibimenyetso byose byaba bibonye ubusobanuro, kandi ahantu hose hakaba habonye aho hahererezwa. Niba atari byo, icyakurikiraho ni uko Leta Zunze Ubumwe za Amerika zaba zidahagarariwe mu buhanuzi, kandi ikimenyetso cy'inyamaswa ifite amahembe abiri yasigara nta shyanga ishobora guhuzwa na ryo. Nyamara igitekerezo cya mbere muri ibi byombi ntigisa n'igishoboka, kandi icya kabiri cyo ntigishoboka.

Ikindi kintu cyo kwitabwaho ku bijyanye n'ahantu ubwo bubasha bubarizwa umuntu yakivana mu buryo Yohana yabonye inyamaswa izamuka iva mu butaka. Niba inyanja inyamaswa isa n'ingwe yaturutsemo (Ibyahishuwe 13:1) yerekana amoko, amahanga n'amateraniro y'abantu benshi (Ibyahishuwe 17: 15), isi mu buryo bw'ikinyuranyo, ishobora gusobanura ahantu hatuwe vuba. Tubaye twirengagije imigabane y'uburasirazuba, maze tukareba ku bice bitari bizwi mbere n'abantu bo muri icyo gihe, tubona ari ngombwa noneho guhindukirira igice cy'uburengerazuba.

Uburyo Inyamaswa Yazamutsemo.—Uburyo inyamaswa ifite amahembe abiri yagaragaye izamukamo, kimwe n'aho yari iri, imyaka y'ubukuru yayo, ndetse n'urukurikirane rw'uko ibintu byagendaga bibaho, byerekana rwose ko icyo kimenyetso ari Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Yohana yabonye inyamaswa izamuka "iva mu gitaka." Iyi mvugo ishobora kuba yarateguwe itya kugira ngo ikoresherezwe kwereka guhabana kuri hagati yo kuzamuka kw'iyi nyamaswa no kwaduka kw'ibindi bimenyetso bya gihanuzi byerekana andi mahanga. Inyamaswa enye zo muri Daniyeli 7 n'inyamaswa isa n'ingwe iri mu Byahishuwe 13 zose zazamutse ziva mu Nyanja. Amahanga mashya muri rusange ashyikira ububasha binyuze mu guhirika andi mahanga, maze akayasimbura. Nyamara nta shyanga ryigeze rihirikwa kugira ngo Leta Zunze Ubumwe za Amerika zibone umwanya

zinyamo, ndetse no kugera ku bwigenge kwayo kwari kwaramaze kugerwaho mu myaka 15 yabanjirije igihe cy'iryo shyamba ryinjira mu buhanuzi. icyo umuhanuzi yabonye ni amahoro gusa.

Ijambo ryakoreshejwe mu murongo wa 11 mu kwerekana uburyo iyi nyamaswa yazamutse, ni ijambo risobanutse neza. Ni ijambo “*anabainon*” bumwe mu busobanuro bugaragara cyane busobanura “*gukura cyangwa kuzamuka nk'ikimera*.” Ni igihamba kigaragara neza ko iyi mvugoshusho yatoranyijwe n'abanditsi b'ibya politiki, nta kindi kintu bifashishije kirebana n'ubuhanuzi, nk'igishobora kubafasha gutanga igitekerezo neza cy'uburyo Leta Zunze Ubumwe za Amerika zazamutse zigatega. George Alfred Townsend aravugaga ati:

“Muri uru ruhererekane rw'ibirwa, mu karere kitwa West Indies (kagizwe na Cuba, Puerto Rico, n'ibirwa bya Carabe), hatangiriye ukubaho kwa Amerika zombi [iy'Amajyaruguru n'iy'Amajyepfo]. Aho ni ho Christopher Columbus yabonye igihugu; aho ni ho Esipanye yatangiriye ubwami bwayo bugira nabi kandi bukomeye mu Burengerazuba. Aho ni ho Cortez yaturutse ajya i Mexico, na De Soto akahahaguruka agiye i Misisipi, Balboa akahahaguruka yerekeye Pasifika, ndetse na Pizarro akerekeza muri Peru. Imana nyir'umigisha yatandukanyije Amateka ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika n'aya mateka y'ubunyamaswa n'ubugome yaranze ahandi hari hasigaye h'uyu mugabane, kandi *kimwe n'urubuto rumera bucece, twarakuze duhinduka ubwami bukomeye*. Mu gihe bwari ubwami bwite, uherye mu majyepfo, bwagiye bwiruhwaho n'umuyaga udatuza ku buryo icyo dushobora guhamya ku mateka yayo gisomerwa ku migaru yagiye ibuyogozo. Gukura kwa Amerika y'Abongereza gushobora kugereranywa n'urwunge rw'indirimo zirimbwa n'abaririmbyi batandukanye, zitanga inyikirizo nziza iyo zimaze guhurizwa hamwe, maze igakurura benshi baturutse kure, igakwira mu kirere hose kandi igakururwa, kugeza igihe igera aho ikaba iy'icyubahiro ndetse igasa rwose n'umuvugo urimbwe.”²⁸⁷

Umwanditsi wo mu gihugu cya Dublin [Irelande] yavuze ko Leta Zunze Ubumwe za Amerika ari ubwami butangaje bwariho “*buzamuka*” ndetse bukaba bwarazamukiraga “*hagati mu mutuzo isi yarimo*, bukagwiza imbaraga n'ishema umunsi ku wundi”

Igihe Edward Everett yavugaga igisingizo cye ashima impunzi z'Abongereza zahanze ubu butegetsi, yaravuze ati:

“Mbese bashakishije ahantu hitaruye, hari mu mwijima utuma ntawe babangamira, kandi hari umutekano bitewe n'uko hari kure y'abandi bantu, aho itorero ritoya rya Leyden ryashoboraga kwishimira umudendezo wo gukoresha umutimanama? Nimwitegereze uturere tw'utunyamaboko babashije *kwigarurira mu mahoro—Victoria sine clade* [gutsinda utarwanye] bakahashinga amabendera y'umusaraba.”²⁸⁸

287 George Alfred Townsend, *The New World Compared with The Old*, p. 635.

288 Edward Everett, “Oration Delivered at Plymouth, December 22, 1824,” *Orations and Speeches*, p. 42.

Umusomyi nareba aya magambo maze akayagereranya ari yo “kuzamuka ivuye mu butaka” no “kuzamuka hagati mu isi ahantu hatuje” “nk’urubuto rukura bucece twarakuze duhinduka ubwami,” “uturere tw’utunyamaboko” ashyigikiwe n’aya ngo “gutsinda mu mahoro.” Aya mbere yavuzwe n’umuhanuzi avuga ibyayyaga kubaho igihe inyamaswa y’amahembe abiri yari kuba izamutse; andi magambo yavuzwe n’abanditsi mu bya politiki, bavuga ibyari byaramaze kubaho mu mateka ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Mbese hari uwananirwa kubona ko izi mvugo eshatu za nyuma zifite ubusobanuro bumwe n’imvugo ya mbere, kandi zikaba zivuga ugusohozwa kw’ibyari byarahanuwe mbere?

Ikindi kibazo gihita gikurikiraho mu buryo bworoshye ni iki: mbese Leta Zunze Ubumwe za Amerika “zazamutse” mu buryo buhura n’ibyari byavuzwe mu buhanuzi? Nimureke tubirebe. Imyaka irenga magana ane mbere gato yuko ubugorizi bwo mu minsi ya Maritini Luteri butangira, iki gice cy’uburengerazuba cyaravumbuwe. Ubugorizi bwakanguye amahanga yari abohewe mu minyururu ikojeje isoni y’ubupfumu no gutotezwa, maze amenya ukuri ko umuntu wese afite uburenganzira avukana kandi yahawe n’ijuru bwo kuramya Imana akurikije uko umutimanama we ubimutegeka. Nyamara abategetsi ntibashakaga kuzimiza ububasha bwabo, ndetse kutihanganira abantu mu by’idini kwari gukomeje gukandamiza abantu. Igihe ibintu byari bimeze bityo, itsinda ry’abantu b’intwari mu by’iyobokamana biyemeje gushakira urwo rugero rw’umudendezo mu bya politiki no mu by’iyobokamana mu misozi idatuwe n’abantu yo muri Amerika, ari rwo rugero bari bamaze igihe kirekire bifuzwa. Igihe bari bagikurikiranye intego yabo, abantu 100 bo muri abo bakorerabushake b’impunzi bomotse ahantu hitwa “Mayflower” ku nkombe za New England ku italiki ya 21 Ukuboza 1620. Uwitwa Martyn yaravuze ati: “Aho ni ho New England yavukiye kandi isengesho no gushima Imana ni byo byabaye kurira kwa mbere k’uruhinja [rwari ruvutse].”²⁸⁹

Ahandi hantu Abongereza batuye bakahaguma ni ahitwa Jamestown, muri Virginia, mu mwaka wa 1607. Uko igihe cyagiye gihita, hari ahandi hantu hagiye haturwa bakagenda banigarurira uturere bakadutegeka, kandi ibyobyose bikaba byarabayemunsi y’ubutware bw’ubwami bw’Ubwongereza kugeza igihe batangarije ko habayeho ubwigenge ku italiki ya 4 Nyakanga 1776.

Umubare w’abaturage bari batuye izo Leta zari ziri mu bukoloni wariyongereye mu 1701 ugera ku 262.000; mu mwaka wa 1749 bari bamaze kuba 1.046.000; mu mwaka wa 1775 bari bamaze kuba 2.803.000.²⁹⁰ Nyuma yaho ni bwo hadutse intambara yo guharanira ubwigenge no gushyiraho ubutegetsi buhamye bushingiye ku itegekonshinga, no gutangariza isi ko aho hantu hashoboraga kuboneka ubuhungiro ku muntu wese utotezwa kandi akaba atihanganirwa n’ubutegetsi. Ibihumbi byinshi by’abimukira

289 W. Carlos Martyn, *The Pilgrim Fathers*, p. 89.

290 “The People and Progress of the United States,” *The United States Magazine*, Vol. II, August, 1855, p. 71.

byaje bituruka mu Isi ya Kera, maze mu buryo bw'amahoro biyongera ku baturage bari bahasanze no ku mutekano wari usanzwe muri iryo shyamba rishya. Baguze uturere twinshi cyangwa se bakaduhabwa ku bw'amasezerano kugira ngo babashe kubonera abimukira aho batura. Noneho ubu, hamaze gushira imyaka irenga 150, mu myaka 50 y'ikinyejana cya 20, ishyamba rya Leta Zunze Ubumwe za Amerika ryari ryaragutse rimaze kugira ubuso bwa 5.631.500 km², kandi abaturage baryo bari bamaze kugera kuri miliyoni 135.

Gukura kwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu gutunganirwa mu by'ubutunzi n'iterambere mu by'ubwenge, ni ikintu gitangaza abatuye isi, kandi kukaba urufatiro rugaragara ku kwerekana ibyo ubuhanuzi bwavuze.

Imiterere y'Ubutegetsi bwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika Yavuzweho Hakoreshejwe Ikimenyetso.—Muri uyu mugabane w'insanganyamatsiko tugezeho, turacyahabona igihamba cy'uko iki kimenyetso cyerekana Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Mu kugaragaza ubu butegetsi, Yohana yaravuze ati: "yari ifite amahembe abiri ameze nk'ay'umwana w'intama." Amahembe y'umwana w'intama yerekana ubusore, ubuziranenge, n'ubugwaneza. Nk'ububasha bwari bumaze igihe gito buzamutse, Leta Zunze Ubumwe za Amerika zihuza n'iki kimenyetso mu buryo butangaje ku byerekeranye n'imyaka y'ubukuru, mu gihe nta bundi butegetsi bushobora kuboneka bwahuza n'ibi. Tuyifashe nk'ikimenyetso cy'ububasha ndetse n'imiterere, birashoboka kubona icyo amahembe y'ubwo butegetsi ari cyo, niba umuntu ashobora kwerekana neza ibanga ry'ububasha bwayo, n'icyo imiterere yayo ihishura, cyangwa icyo bakora ku bigaragara. Uwitwa Hon J. A. Bingham aduha urufunguzo rwadufasha gusobanukirwa byose igihe avuga ko umugambi w'abashatse izi nkengero z'inyanja bwa mbere wari ugushinga "abatuye isi bari barabuze igihe kirekire. Ni ukuvuga itorero ridafite papa, n'ishyamba ritayobowe n'umwami." Biramutse bivuzwe mu yandi magambo, ubu bwari kuba ubutegetsi butandukanya umurimo w'abayobozi b'idini n'ubutegetsi bwa gisivile, ndetse umudendeko mu bya gisivile no mu by'iyobokamana ni wo wari kuburanga.

Nta mpaka zikenewe kugira ngo werekane ko ibi ari byo ubutegetsi bwa Amerika buvuga ko buharanira. Mu Ngingo ya IV, mu gice cya 4 cy'itegekonshinga rya Leta Zunze Ubumwe za Amerika, harimo amagambo avuga ngo: Leta Zunze Ubumwe za Amerika zizemerera buri Leta yose mu ziyigize kugira ubutegetsi buha umwenegihugu uburyo bwo kugira uruhare mu bikorerwa mu guhugu cye." Ingingo ya VI iravuga iti: "Nta genzura rishingiye ku idini rizigera risabwa ko ryabaho kugira ngo umuntu yemerwe ko yujuje ibyangombwa ku murimo cyangwa inshingano ahabwa na rubanda mu gihugu cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika." Impinduka ya mbere yakozwe ku itegekonshinga itangira itya: "Nta tegeko Inama nkuru izashyiraho rijyanye no gushinga idini cyangwa kubuzanya gukora umurimo nk'uko." Izi ngingo zerekana ukwemerera abantu umudendeko ku mugaragaro mu by'ubutegetsi bwa gisivile no mu by'idini, no

gutandukanya itorero na Leta mu buryo bwuzuye kandi buhoraho. Mbese ni ikihe kimenyetso kindi kibishushanya cyari kuba cyiza kuruta "amahembe abiri ameze nk'ay'umwana w'intama"? Mbese ni mu kihe gihugu kindi ushobora kubona ibintu bishobora gushushanya neza imiterere y'iki kimenyetso?

Ku Ishusho, Ni Ubutegetsu Bwa Rubanda (Repubulika).— Inyamaswa ifite amahembe abiri nta kamba yambaye ku mahembe yayo, ku buryo bugaragara ishushanya ishyanga rifite ubutegetsu bushingiye kuri rubanda (si ku mwami). Ikamba ni ikimenyetso cyihariye cy'ishusho y'ubutegetsu bwa cyami cyangwa ubundi butegetsu bwose butwaza igitugu. Kandi kuba nta kamba tubona nk'uko uru rugero rubitwerekaga, bishobora kudutera gutekereza ku bwoko bw'ubutegetsu aho ububasha butari mu biganza bw'umuntu runaka utegeka, ahubwo bukaba mu biganza bya rubanda.

Nyamara iki si cyo gihamya simusiga cy'uko iryo shyamba rivugwaho hano ari ubutegetsu bwa rubanda mu ishusho y'ubutegetsu bwaryo. Uhereye ku murongo wa 14 tubona ko hari icyo rubanda ruhamagarirwa gukora igihe hari igikorwa kireba ishyamba ryose kigomba gukorwa: "Ibwira abari mu isi ngo bareme igishushanyo cya ya nyamaswa." Dushimangira rwose ko ibi ari ko bimeze muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Itegekonshinga iki gihugu cyubakiyeho ryemeraga "ubutegetsu bwa rubanda," nk'uko twabyerekanye haruguru. Iki na cyo ni kimwe mu rutonde rw'ibihamya by'uko iki kimenyetso gisobanura Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Nta bundi butegetsu umuntu yahamya ko busobanura iki kimenyetso aramutse yabitekereje neza.

Ishyamba rya Giprotestanti.—Inyamaswa ifite amahembe abiri ishushanya ishyamba ridashobora kuba irigatulika mu byerekeranye n'iyobokamana. Ubupapa ni iyobokamana rishingiye ku bumwe bw'itorero na Leta. Itegekonshinga rya Leta Zunze Ubumwe za Amerika (mu ngingo yaryo ya VI) rivugaga riti "Nta genzura rishingiye ku idini rizigera risabwa ko ryabaho kugira ngo umuntu yemerwe ko yujuje ibyangombwa ku murimo cyangwa inshingano ahabwa na rubanda mu gihugu cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika." kandi aho ngaho ni ho itandukaniro rihoraho hagati y'idini na Leta rishingiye. Ubwisanzure mu bya Leta no mu by'iyobokamana ni ihamashyamba ry'Ubuiprotestanti. Abahanzwe iri shyamba rikomeye bari barabayeho mu bihe by'ibibazo byatewe no kwihuriza hamwe kw'itorero na Leta, bafuhiraga umudendezo bashakaga nk'uburenganzira bw'abantu bose, kandi bari biteguye cyane kwamagana ikintu cyose cyari gushyira imbere ukwihuza kw'itorero na Leta. Kubw'ibyo rero, ushingiyemo k'uko iyobokamana ryari ingingo ngenderwaho yabo, Leta Zunze Ubumwe za Amerika ni ishyamba rya giprotestanti, kandi rihuza mu buryo butangaje n'ibyo ubuhanuzi bwavuze ku biyanye n'iyi ngingo. Muri ubu buryo na none, ubuhanuzi butunga agatoki neza neza kuri iri shyamba.

Mbere yuko dutangira gusobanura indi sura y'iki kimenyetso cya gihanuzi, nimureke dusubire muri make mu ngingo zarangije kuvugwaho:

Ubutegetsu bushushanywa n'inyamaswa ifite amahembe abiri bugomba kuba ishyanga ryitaruye ubutegetsu bwo mu Isi ya Kera (igice cy'Uburasirazuba: Uburayi ndetse n'Uburasirazuba bwa hafi), byaba mu by'ubutegetsu cyangwa mu by'idini.

Bugomba kuzamukira mu gice cy'Uburengerazuba bw'isi.

Bugomba kwigaragaza cyane no kugira imbaraga ahagana mu mwaka wa 1798.

Bugomba kuzamuka mu buryo bw'amahoro kandi butuje, butongera ububasha bwaryo cyangwa ngo ryagure imbibi z'igihugu nk'uko andi mahanga yabigenje akoresheje intambara zo kurwanya ayandi no kuyanesha.

Gutera imbere kwabwo kugomba kuba kugaragara cyane ku buryo gutangaza umuntu ubireba, akumirwa mbese nk'uko yabona ugukura kw'itungo rikurira imbere y'amaso ye.

Iryo shyanga rigomba kuba rifite ubutegetsu bwa rubanda kandi rigomba kugira iyobokamana rya giprotetanti.

Iryo shyanga kandi rigomba kugaragaza imbere y'abatuye isi ikimenyetso kiranga imico yaryo, n'ibintu biranga ubutegetsu bwaryo, ari byo mahame abiri akomeye ubwayo atunganye, azira amakemwa kandi rimeze nk'umwana w'intama.

Rigomba gukora umurimo waryo nyuma y'umwaka wa 1798.

Aho bigeze aha, dushingiye kuri ibi bintu byose bivugwa, twamaze kubona ko dushobora kwanzura rwose ko bihura n'amateka ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika; kandi ko bidashobora kuboneka ku rindi shyanga iryo ari ryo ryose. Bityo rero, ikimenyetso kiboneka mu Byahishuwe 13: 11 ntigishobora guhuzwa n'irindi shyanga ritari Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Kuvuga nk'Ikiyoka.—Noneho ubwo tumaze kwerekana Leta Zunze Ubumwe za Amerika nk'ubutegetsu bushushanywa n'inyamaswa ifite amahembe abiri, dushobora gukomeza tudatinye kandi nta n'urwikekwe dufite ku byerekeye inzira iryo shyanga ryanyuzemo nk'uko byerekanywe neza mu buhanuzi ubwabwo. Mu kugenza dutyo, nimureke twongere turebe ukuntu ikiyoka (nk'inyamaswa ya mbere muri eshatu zigize uru rukurikirane rwa gihanuzi turimo kureba) cyarenganyije itorero ry'Imana ubutaruhuka. Inyamaswa isa n'ingwe yakurikiye ikiyoka na yo yari ubutegetsu burenganya, yahitanye ubuzima bwa miliyoni nyinshi z'Abakristo mu gihe cy'imyaka 1260. Iyo tugeze ku nyamaswa ya gatatu yari ifite amahembe abiri ameze nk'ay'umwana w'intama, [umuhanuzi] yatangaje ko "yavuze nk'ikiyoka." Ibi bishobora gusobanura gusa ko mu gihe runaka kamere yayo yahindutse ikareka kugira imico y'intama, maze ikamera nk'ikiyoka, ku buryo yavuze nk'ikiyoka, ndetse igakora umurimo umwe n'uw'ikiyoka cyayibanjirije.

Kuri uru rwego tugezeho nimutwemerere tuvuge ko bibaje kubona uburyo ishyanga ryahagurutse ari irinyamahoro kandi rifite intego yo kwimakaza amahame y'ubutegetsi nk'ariya, hanyuma rikaza gufata kamere y'inyamaswa zaribanjirije, maze mu kugenza rityo rikamanuka kugeza ubwo rikora umurimo wo kurenganya ubwoko bw'Imana. Nubwo bimeze bityo, nta mahitamo yandi dufite uretse gukomeza icyigisho cyacu tuyobowe n'imirongo mikuru yahumekewe n'Imana ku buryo busobanutse cyane maze tukayihabwa mu buhanuzi. Ubwo Leta Zunze Ubumwe za Amerika ari ubutegetsi bwerekanwa n'ikimenyetso kivuga nk'ikiyoka, ikizakurikiraho ni uko izemeza amategako afuditse kandi akandamiza yibasiye imyizerere n'imigenzereze mu by'idini ku baturage bayo kugira ngo yitwe koko ubutegetsi butoteza.

UMURONGO WA 12 Itegekeshya ububasha bwose bwa ya nyamaswa ya mbere mu maso yayo, ihata isi n'abayirimo ngo baramye ya nyamaswa ya mbere yakize uruguma rwayishe

Gukoresha Ububasha Burenganya.—Ntabwo iri shyanga rivuga nk'ikiyoka gusa, ahubwo binavugwa ko "ritegekeshya ububasha bwose bwa ya nyamaswa yayibanjirije." Turebye inyuma gato, tubona yuko inyamaswa yayibanjirije ari inyamaswa isa n'ingwe, ikimenyetso cyerekana ubupapa. Umwanzuro rukumbi umuntu ashobora gukuramo ni uko iri shyanga riyiyita iriprotetanti rizakoresha ububasha burenganya bwa gipapa, bityo rigahinduka Ubuprotetanti bw'ikinyoma, ni ukuvuga "umuhanuzi w'ibinyoma" uvugwa mu Byahishuwe 19: 20, ari na we uzasobanurwaho mu nsanganyamatsiko ikurikiraho.

Gutegekeshya ubu bubasha bifite ishusho yo guhatira abantu rishinzwe kuyobora "kuramya inyamaswa ya mbere" ari yo bupapa. Ijambo ry'Ikigiriki risobanura "kuramya" rikoreshe hano, rirushijeho gusobanuka. Rikomoka ku nshinga yoroshye 'kuneo' bisobanura ngo "nsoma" ikoreshejwe hamwe n'indangahantu kugira ngo byerekane ko uko gusoma gufite umuntu kwerekejweho—muri iki cyerekezo turi kwiga kwerekeje ku [gusoma] ubupapa cyangwa ku muyobozi wabwo ari we papa. Mu buryo busanzwe 'kuneo' risobanurwa ngo "kubaha umuntu runaka, cyangwa kumwubamira cyangwa kubarara imbere ye," kandi rikoreshe muri ya Bibiliya y'umwimerere y'ikigiriki mu itegeko Nebukadinezari yahaye "amoko, amahanga n'indimi" ngo "bubarare hasi baramye igishushanyo cy'izahabu" yari yakoze akagishinga mu kibaya cya Dura. (Daniyeli 3: 4, 5). Uko "kuramya" kugomba gusobanura guca bugufi imbere y'ubutware n'itegekoteka by'umuntu ushaka ko bamwubaha. Iyi ni yo shusho itangwa mu buhanuzi yo "kuramya" guhabwa ubupapa bikoze n'abiyita Ubuprotetanti.

UMURONGO WA 13 kandi ikora ibimenyetso bikomeye, imanura umuriro uva mu ijuru ugwa mu isi mu maso y'abantu. 14 Iyobesha abari mu isi ibyo bimenyetso yahawe gukorera imbere ya ya nyamaswa, ibabwira

kurema igishushanyo cya ya nyamaswa yari ikomerekejwe n'inkota ikabaho.

Ikora Ibimenyetso Bikomeye.—Muri uriya mugabane w'ubuhanuzi werekana umurimo w'inyamaswa ifite amahembe abiri, tuhasoma aya magambo ngo “ikora ibimenyetso bikomeye, imanura umuriro uva mu ijuru ugwa mu isi mu maso y'abantu.” No muri ubu busobanuro, turacyafite igihamba cy'uko Leta Zunze Ubumwe za Amerika ari zo zishushanywa n'inyamaswa ifite amahembe abiri. Dushobora kurangira umusomyi amagambo yatanze nk'ubusobanuro bwo muri Daniyeli 12: 4 ku byerekeranye n'ibintu bitangaje abantu bagezeho muri iki gihe, ndetse n'ingeri zimwe z'ibintu bikomeye siyansi yagezeho n'ubumenyi mu by'ubuvumbuzi.

Nyamara ubuhanuzi ntibusohorera mu iterambere rikomeye mu by'ubwenge, ubuvumbuzi n'ubuhanga bwo guhimba ibintu nk'uko bigaragara cyane muri iki gihe. Kubera ko ibimenyetso bikomeye umuhanuzi arenguriraho bigaragara ko bikorerwa kuyobya abantu nk'uko tubisoma ku murongo wa 14: “Iyobesha abari mu isi ibyo bimenyetso yahawe gukorera imbere ya ya nyamaswa.”

Dukwiriye guhamya tudashidikanya ubwoko bw'ibimenyetso bikorwa ubwo ari bwo, kubera ko mu Byahishuwe 16:13, 14 harengurira ku “myuka y'abadayimoni ikora ibimenyetso n'ibitangaza igasanga abami bo mu isi yose.”

Igihe yahanuraga ibizaba mbere yo kugaruka kwa kwe, Umukiza yaravuze ati: “Kuko abiyita Kristo n'abahanuzi b'ibinyoma bazaduka bakora ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza, kugira ngo babone uko bayobya n'intore niba bishoboka.” (Matayo 24:24). Hano na none ibitangaza byarahanuwe, bikorwa mu ntego yo kuyobya abantu, bifite imbaraga ku buryo biramutse bishoboka n'intore zabasha kuyobya na byo.

Ni muri ubu buryo dufite ubuhanuzi (ndetse hari n'ubundi bwinshi) bwerekana iterambere ryabayeho mu minsi iheruka ry'ububasha bukora ibitangaza, bugaragara mu buryo butangaje kandi ku rwego rutigeze rubaho mbere kugira ngo bakwize hose ibinyoma n'ubuhendanyi. “Imyuka y'abadayimoni” yagombaga kugenda “ikajya mu isi yose,” nyamara ishyanga ryagize amajyambere mu buryo budasanzwe mu bijyanye n'iyi myuka nk'uko bivugwa mu Byahishuwe 13, ni rya rindi rishushanywa n'inyamaswa ifite amahembe abiri [ameze nk'ay'umwana w'intama], cyangwa se umuhanuzi w'ibinyoma. Bityo rero, tugomba kwanzura yuko ubuhanuzi buvuga ko umurimo nk'uyu ubaho muri Amerika. Mbese hari ikintu tuhabona gisa n'icyo muri iki gihe?

Hari imyemerere n'inyigisho bimaze kuba gikwira mu nzego zose z'abantu, zivuga yuko igihe umuntu apfuye, maze umubiri we ugashyirwa mu gituro, umwuka “udapfa” cyangwa se “ubugingo” bumurimo budapfa, ko ngo ahubwo buhita bwizamukira bukajya aho bugomba

guhererwa ingororano cyangwa igihano. Iyi myemerere ituma umuntu yibaza ati: “Niba imyuka idafite umubiri ari mizima, ni kuki idashobora kuvugana natwe?” Hariho ibihumbi byinshi by’abantu byizera yuko ibishobora kandi ko ibikora, kandi bakavuga ko bavugana n’inshuti zabo zabavuyemo.

Nyamara Bibiliya, mu magambo asobanutse neza, iduhamiriza ko abapfuye ntacyo bashobora gukora ndetse nta n’icyo batekereza kugeza igihe cy’umuzuko. Ikatubwira ko abapfuye nta cyo bazi (Umubwiriza 9:5); ko imigambi yabo yose ihagarara (Zaburi 146:4); itubwira ko urukundo n’urwango byo mu mitima yabo bishira (Umubwiriza 9:6); kandi ko nta mirimo, nta n’umugambi, haba no kumenya cyangwa ubwenge bibonerwa mu gituro, aho baba baryamishijwe (Umubwiriza 9:10). Bityo rero, ishusho itugeraho uko yaba iri kose itubwira ko ari umwe wo mu nshuti zacu zapfuye, iza ivuga ko iri icyo tuzi ko atari cyo dukurikije uko ijambo ry’Imana ritubwira. Kuba inshuti zacu zapfuye zidashobora kugaruka aho turi bigaragarira mu 2 Samweli 12:23, aho Dawidi yavuze ku mwana we wari wapfuye agira ati: “Ariko none amaze gupfa. ... Nzajya aho ari ariko we ntabwo azagaruka aho ndi.” Ishusho iyo ari yo yose ishobora kuza aho turi ntishobora kuba marayika mwiza, kubera ko abamarayika b’Imana batabeshya. Ahubwo imyuka y’abadayimoni ni yo ibeshya, kandi ni wo wabaye umurimo wabo uhereye igihe ikinyoma cya mbere cyerekeranye no gupfa cyavugwaga n’umuyobozi wabo muri Edeni avuga ngo “Gupfa ntumuzapfa” mu gihe Uwituka we yari yavuze yeruye ati: “No gupfa uzapfa.” Itangiriro 3:4; 2:17.

Uko Gukorana n’Imyuka y’Abadayimoni Byatangiye.—Gukorana n’imyuka muri iki gihe na byo bisubiza ikibazo cy’ubuhanuzi kuko byatangiriye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, bityo bigahuza ibimenyetso bikomeye byako n’umurimo w’inyamaswa ifite amahembe abiri. Biherereye ahitwa Hydesville muri New York mu muryango wa John D. Fox ahagana mu iherezo ry’ukwezi kwa Werurwe mu mwaka wa 1848, byakwiriyeye vuba mu buryo butangaje bisakara mu isi yose.

Abantu barishimye cyane bitewe n’izi ngirwamahishurirwa, ndetse bamwe mu bantu bari bazwi cyane batangiye ubushakashatsi kuri ubwo “buyobe bwihutaga cyane” nk’uko benshi babyitaga. Uhereye icyo gihe ugakomeza, gukorana n’imyuka y’abadayimoni byakomeje kugira imbaraga mu isi yo muri iki gihe; kandi ni imbaraga yakomeje gukura mu buryo bwihuta. Birakomeye kwemeza umubare w’abayoboke bayo, kubera ko ababyizera kandi bagashyira mu bikorwa izo nyigisho batibona nk’abagira idini babarizwamo rwose. Nyamara mu rundi ruhande, hari benshi banditswe mu bayoboke b’itsinda ritizera imyuka mu gihe bagerageza kuvugana n’imyuka mibi. Ikigereranyo cy’abantu bakorana n’imyuka mibi muri Amerika y’amajyaruguru kingana na miliyoni cumi nesheshatu (16.000.000)²⁹¹; kandi mu isi yose—ubariyemo n’amadini yo mu bihugu

291 Uyu mubare ni uwo mu mwaka wa 1944, igihe iki gitabo cyandikiwe.

by'abapagani akorana cyane n'imyuka mibi, nta gushidikanya abayoboke babarirwa muri miliyoni amagana.

Nk'uko Sir Arthur Conan Doyle yabyanditse mu myaka mike ishize agira ati: "Ukwiyegekana koroheje kw'i Hydesville kwaje gukura kugira ingaruka zakuruye itsinda rikomeye ry'abanyabwenge bo muri iki gihugu muri iyi myaka isaga 20 ishize, kandi ntekereza ko abo bantu bari bategerejweho kuzana amajyambere akomeye isi itigeze imenya mu mibereho y'inyokomuntu."²⁹² Iyaba imyumvire y'ubukristo yemerwaga muri rusange, kandi iyaba yashyirwagamo imbaraga no guhamirizwa udashidikanya ndetse n'ibimenyetso by'amahishurirwa mashya arimo adusanga aho turi, nk'uko mbyizera, akomotse mu rundi ruhande, ntekereza ko twagira indangakwemera ishobora guhuriza hamwe amatorero, ishobora kuba ishyize hamwe na Siyansi, ishobora gutsinda rwose ibitero ibyo ari byo byose, ndetse igakomeza ukwizera kwa gikristo kukageza ibihe bidashira."²⁹³

Inyigisho z'Imyuka.—Nyamara inyigisho abanyamyuka bigisha ntaho zihuriye rwose n'ijambo ry'Imana. Ibijyanye n'imyifatire yabo ku byerekeranye na Bibiliya, birebere muri iki gika gikurikira:

"Nta cyifuzo dufite cyo guhisha ukuri kugaragara ko hari byinshi mu migabane imwe ya Bibiliya bidahura n'inyigisho zacu kubera ko mu by'ukuri [Bibiliya] ari uruvange rw'amakosa ya kimuntu yaje binyuze mu bitekerezo by'umuntu wabaga yatoranyijwe"²⁹⁴

"Ibitabo uko biri muri iki gihe ntabwo ari inyandiko z'abazwi ko ari bo banditsi babyo. Ni ibitabo byakusanyirijwe hamwe na Ezira n'abanditsi be, maze bahuriza hamwe ibitekerezo n'imigani y'imihimbano yo mu gihe cyabo. ... Ibi tubivugiye kugira ngo tuvaneho urujijo rw'uko byaba ari ngombwa kugira icyo dusubiza umuntu waramuka yifashishije amwe mu magambo yo muri ibyo bitabo nk'ingingo ishyigikira igitekerezo cye."²⁹⁵

Ku bijyanye n'isano hagati y'abasenga imyuka y'abadayimoni na Kristo n'umurimo we wo guhongerera, itegereze amagambo akomeye akurikira:

"Imyuka na yo ihamya yuko Yesu Kristo ntaho ahuriye n'ikibazo cy'ubugingo n'urupfu, kandi nta n'icyo izi ku bijyanye n'umurimo w'ubuhuza w'Umukiza Yesu Kristo."²⁹⁶

Abizera ibyo kuvugana n'imyuka nta mwanya bafite mu byerekeye kugaruka k'Umwami wacu cyangwa ku bijyanye n'Umukiza Yesu Kristo:

"Ubu Yesu Kristo arategura gahunda zirebana no guteranyiriza hamwe ubwoko bwe, kugira ngo arushaho kubahishurira ukuri, ndetse ngo anabukuremo imyizerere y'ibinyoma yagiye yirundanya mu bihe byashize.

292 Sir Arthur Conan Doyle, "The New Revelation," Metropolitan, January, 1918, p. 69.

293 Ibid., p. 75.

294 William Stainton Moses, *Spirit Teachings*, p. 74.

295 Ibid., p. 189, 1st Session, No. 143.

296 James A. Findlay, in *The Rock of Truth*, p. 288.

Numvise ikintu kuri ibi gikomotse ahandi hantu. None se uku ni ko kugaruka kwa Kristo? Ni ukugaruka mu buryo bw'umwuka. Ntabwo hazigera habaho kugaruka mu buryo bw'umubiri nk'uko umuntu yakomeje kubirota. Uku kuzaba ukugaruka aje ku bantu be binyuze mu ijwi ry'intumwa ze zivugana n'abafite amatwi afunguye.”²⁹⁷

Imikorere y'Imyuka.—Mbega uburyo magambo aremereye! Mu binyejana byinshi bishize, umuhanuzi wo ku kirwa cya Patimosi yavuze ko muri iki gihugu hazaduka ububasha bukora “ibitangaza bikomeye,” none dore idini ikorana n'imyuka yadutse ivuga ko ibyo bintu ibikora.

Kwizera imyuka bisubiza neza icyo ubuhanuzi bwavuze ku bijyanye no kwigaragaza kw'ibimenyetso bikomeye n'ibitangaza. Mu byo iyo myizerere imaze kugeraho, umuntu yakwita kuri ibi bikurikira: ibintu byagiye bivanwa ahantu hamwe bikajyanwa ahandi bikoze n'imyuka. Indirimbo ziryohye amatwi zagiye zikorwa hatifashishijwe umuntu, hifashishijwe cyangwa ntihifashishwe ibikoreshe bigaragarira amaso. Ingero nyinshi zo kugerageza gukiza indwara zarerekanye. Abantu batwawe mu kirere bikoze n'imyuka imbere y'ababirebaga. Ameza yamanitswe mu kirere abantu benshi bayicayeho. Imyuka na none yigaragarije abantu ifite imibiri y'abantu maze ivuga mu majwi yumvikana.

Ububasha buvugwa muri ubu buhanuzi “buzamanura umuriro uwe mu ijuru ugwe mu isi mu maso y'abantu.” Nyamara iki ngiki ndetse n'ukundi kwigaragaza kw'imbaraga zabwo bizaba bifite umugambi wo “kuyobya abari mu isi.” Ibitangaza bikorwa bizaba bikorwa n'“imyuka y'abadayimoni.” (Ibyahishuwe 16:14). Kandi imiburo myinshi iri mu ijamba ry'Imana itubuza kwegera aho iyo myuka mibi iri. Mu bihe by'itorero rya mbere, imiburo ikomeye yahawe itorero ry'Imana ngo: “Ariko Umwuka avuga yeruye ati ‘Mu bihe bizaza bamwe bazagwa bawe mu byizerwa, bite ku myuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni’” (1Timoteyo 4:1). Inama Imana iha itorero ryayo muri iyi minsi iheruka ni iyi ngo: “Kandi nibababwira ngo ‘Nimushake abashitsi mubashikishe, mushake n'abapfumu banwigira bakongorera’, mbese abantu ntibari bakwiriye gushaka Imana yabo, bakaba ari yo babaza? Mbese iby'abazima byabazwa abapfuye? 20 Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira.” Yesaya 8:19, 20.

UMURONGO WA 15 Ihabwa guha icyo gishushanyo cy'inyamaswa guhumeka, ngo kivuge kandi cyicishe abatakirama bese. 16 Itera bese aboroheje n'abakomeye, n'abatunzi n'abakene, n'ab'umudendeko n'ab'imbata, gushyirwaho ikimenyetso ku kiganza cy'iburyo cyangwa mu ruhanga, 17 kugira ngo hatagira umuntu wemererwa kugura cyangwa gutunda, keretse afite icyo kimenyetso cyangwa izina rya ya nyamaswa, cyangwa umubare w'izina ryayo.

297 William Stainton Moses, *Spirit Teachings*, pp. 150, 151.

Kurema Igishushanyo cy'Inyamaswa.—Umurimo ufitanye isano ya bugufi no gukora ibitangaza, ni uguhagarika igishushanyo cy'inyamaswa. Ni muri ubwo buryo umuhanuzi ahuza ibyo bikorwa bibiri mu murongo wa 14: “Iyobesha abari mu isi ibyo bimenyetso yahawe gukorera imbere ya ya yamaswa, ibabwira kurema igishushanyo cya ya nyamaswa yari ikomerekejwe n'inkota ikabaho.” Kuyobya abantu kwagezweho binyuze mu bitangaza gutegurira inzira guhuza n'ibi bisabwa kugira ngo ikimenyetso cy'inyamaswa kiremwe.

Kugira ngo dusobanukirwe neza ibikubiye mu gishushanyo cy'inyamaswa y'ubupapa, tugomba mbere na mbere kunguka igitekerezo gihamye cy'ibigize ubupapa ubwabwo. Gukura kw'inyamaswa ikagera ku rugero rwuzuye, cyangwa se gushinga imizi k'ubushobozi bw'ikirenga bw'ubupapa, byabayeho uherye ku ibaruwa y'ikimenyabose yanditswe na Yustiniyani kandi yatangiye gukurikizwa mu mwaka wa 538, ikagira Papa umuyobozi mukuru w'itorero ndetse ko ari we ugomba gukosora abantu bayobye. Ubupapa bwari itorero ryambaye umwambaro w'ubutegetsi bwa gisivile—bwari urwego rw'abihayimana rufite ubutware bwo guhana abatavuga rumwe na bo bose, no gufatira ku ngufu imitungo yabo, gushyira mu nzu z'imbohe, kwica urubozo, no kwica ubwako. Mbese ni iki cyashoboraga kuba igishushanyo cy'ubupapa?—Ni urundi rwego rugize ubumwe bw'itorero na Leta. Mu yandi magambo ni urwego ruhuriye hamwe itorero na Leta. Ni buryo bene iki gishushanyo gishobora kuremerwa muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika? Nimureke amatorero ya giprotetanti yambare umwambaro w'ububasha bwo gusobanura no guhana ubuyobe, gushimangira amahame yabo binyuze mu guhabwa ububasha bwo kubabaza no guhana bakoresheje itegeko rya Leta; maze murebe ko tutazagira ishusho nyayo ubupapa bwari bufite mu gihe cy'ubushobozi bw'ikirenga ryigeze kugira?

Mu kuri tuzabibona. Ariko se, uko kuri kwaba gushoboka mu gihugu gifite urufatiro rwubatswe n'amabuye y'umudendezo mu byerekeye politiki n'iyobokamana, ndetse kikaba ari ahantu uburenganzira bwa buri muntu wese ku “buzima, umudendezo, no kwikurikirira ibyamunezeza” byakomeje kwimakazwa ubudakomwa mu nkokora mu gihe cy'imyaka myinshi ishize? Nimureke dusuzume igihamya cyabyo.

Ishyanga Ryahangiwe ku Mudendezo.—Ukuboko kw'Imana kwakoranye n'abantu b'imfura kandi bubaha Imana bubatse neza urufatiro rw'ishyanga rishya. Uwitwa Hon. Henry D. Estabrook igihe yavugiraga imbere y'Umuryango witwa Connecticut Bar, yaravuze ati: “Kuri uyu mugabane w'isi ukomeye, uwo Imana yarinze ikawuhisha mu isi ntoya—hano, aho dufite ijuru rishya ndetse n'isi nshya, aho ibya mbere byashize, abantu bo mu mahanga menshi, bafite ibyo bakeneye binyuranye ndetse bakagira n'indangakwemera zinyuranye, nyamara bakaba bunze ubumwe mu mitima no mu bugingo no mu bwenge bagamije kugera ku ntego imwe, twubatswe igicaniro cy'Umudendezo, icyubatswe ku nshuro ya mbere

cyangwa ikidashobora kuzabona ikikiruta mu byigeze kubakwa, maze tucyita—Itegekonshinga rya Leta Zunze Ubumwe za Amerika.”²⁹⁸

Ibi byari mu mwaka wa 1787. Umuhanuzi yabonye inyamaswa imeze nk'intama izamuka iva mu butaka, kandi yazamutse ahagana mu mwaka wa 1798—mu by'ukuri ibi si ibintu byapfuye kwikora ngo bihurirane. Uwitwa George Washington wabaye Perezida wa mbere wa Leta Zunze Ubumwe za Amerika, mu ijamba rye rya mbere yavuze arahirira kuyobora igihugu yaravuze ati:

“Nta bantu bashobora kumva bomatanye no kuzirikana ndetse no kuramya Ikiganza Kitagaragarira amaso kiyobora ibikorwa by'abantu nk'abaturage ba Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Buri ntambwe yose bagiye batera basatira imiterere y'ishyamba ryigenga, isa n'aho yagiye itandukanywa n'izindi bikozwe n'ikimenyetso cy'intumwa yo mu ijuru.”²⁹⁹

Igihe Inteko ishingira amategeko yasubizaga iri jambo ry'ingenzi yaravuze iti: “Igihe twitegereje uko ibintu byagiye bihurirana, n'uburyo butangaje impamvu zabyo zagiye zihuriza hamwe, ibyo bikaba byaragiye bitegurira buhoro buhoro abaturage b'iki gihugu kugera ku bwigenge; iyo twitegereje kwaduka, kurimbanya ndetse no kurangira kw'intambara duherutsemo yahesheje abaturage b'iki gihugu izina mu ruhande rw'ayandi mahanga yo mu isi; turi kumwe nawe, kandi ntitwakwibuza kwemera no kuramya Umuyobozi ukomeye w'ijuru n'isi wimika ubwami kandi akaba ari we ubuhangura.”³⁰⁰

Urugamba rwo Kurwanya Ikandamizwa Rishingiye ku Idini.—Aba ntibari abantu bubaha Imana gusa, ahubwo bari abanyabwenge n'abantu bareba kure. Igihe amatsinda y'iyobokamana yasabaga ko “kwemera ko Imana imwe rukumbi nyakuri ibaho ndetse na Yesu Kristo” bishyirwa mu Itegekonshinga, icyo ayo matsinda yasabaga cyaranzwe. Igihe Tomasi Jefferson yandikaga kuri iki kintu yaravuze ati: “Gushyiramo ayo magambo ntibyemewe n'abantu benshi, bitangirwa igihamba cy'uko bazirikana Itegekonshinga rigomba kurengera Abayuda kimwe n'Abatari Abayuda, Abakristo kimwe n'abayoboke ba Muhamadi, Abahindu ndetse n'abatagira idini b'uburyo bwose.”³⁰¹

Komite ifite ubutabera mu nshingano zayo, ku italiki ya 18 Gashyantare 1874, igihe yasubizaga abari basabye ikintu nk'iki, yaravuze iti: “Ku byerekeye iki gihugu, icyari kigishyirirwaho urufatiro rw'ubutegetsi bwacyo muri icyo gihe, cyagombaga kuba urugo rw'abakandamizwa bo mu mahanga yose yo ku isi, baba Abakristo cyangwa abapagani, kandi bamaze gusobanukirwa neza n'uburyo ubumwe hagati y'itorero na Leta bwagiye buteza akaga amahanga menshi yo mu Isi ya Kera, hatabayeho kunyuranya na guke [bemeranyije] ko bidakwiriye kugira ikintu gishyirwa mu

298 State Bar Association of Connecticut, Annual Report, 1916, p. 73.

299 Annals of Congress, Vol. I, p. 28.

300 Ibid., p. 32.

301 The Writings of Thomas Jefferson, Vol. I, p. 45.

Itegekonshinga cyangwa mu ishusho y'ubutegetsi gishobora kumvikana nk'ikirengurira ku ndangakwemera z'idini iryo ari ryo ryose cyangwa se imyemerere iyo ari yo yose.”³⁰²

Amateka ahamya yuko aba bantu bakomeye bashyizeho amabuye y'urufatiro rwubatsweho Leta Zunze Ubumwe za Amerika basa n'abareberaga mu iyerekwa rya gihanuzi bakaba bari bahanze amaso akaga kazabangamira umudendezo w'umuntu ku giti cye umunsi umwe kazagera ku gihugu cyabo. Ubwoba bwabo kwasobanuwe neza na Tomasi Jefferson muri aya magambo ngo: “Umwuka uranga ibihe ushobora guhindura, ndetse uzakhindura. Abayobozi bacu bazangirika mu bitekerezo, abaturage bacu nabo bazahinduka abatagira icyo bitaho. Umuntu umwe w'umwaka ashobora gutangira gutoteza abandi, maze agahitana abantu beza. Ntibishobora na rimwe gusubirwamo inshuro nyinshi cyane, ko igihe cyo gushimangira uburenganzira bwose bw'ingenzi hashingiwe ku itegeko, nari igihe abayobozi bacu baba ari inyanga mugayo ndetse natwe ubwacu tukaba dufite ubumwe. Uhereye igihe tuzaba tumaze kurangiza iyi ntambara, tuzamanuka umusizi. Icyo gihe ntibizaba bikiri ngombwa buri gihe kwirukira ku bantu ngo badushyigikire. Bityo rero, bazibagirana, ndetse n'uburenganzira bwabo buzirengagizwa. Baziyibagirwa ubwabo bitewe no guhugira mu gukoresha imbaraga zabo zose bashakisha amafaranga, kandi ntibazigera batekereza ku byo kuba umwe kugira ngo bahe imbaraga zikwiye ukubahirizwa k'uburenganzira bwabo. Iminyururu ituboshye itazacibwa ku iherezo ry'iyi ntambara, izaguma kuri twe igihe kirekire, izarushaho kuremera, kugeza igihe uburenganzira bwacu buzongera kubyutswa cyangwa bukazimirira mu muvurungano.”³⁰³

Ku italiki ya 4 Nyakanga 1788, Justice James Wilson yagejeje ijambo ku bari bamuteze amatwi, muri ryo yavuze ukuntu abanzi b'umudendezo bari baratangiye gukora. Yaravuze ati: “Abanzi b'umudendezo ni inshakura ndetse n'ikimungu. Icyiganano cyiba ikanzu y'umushukanyi, kigikana imigirire ye, kigacura umukono we, kikiyitirira n'izina rye. Ariko izina nyakuri ry'umushukanyi ni ubumalaya. Ubwo ni bwo bushizi bw'isoni bwe, ku buryo mu maso ye aziyoberanya akahagaragaza umudendezo; ndetse nta kimwaro bimuteye, azashimangira ko ari we wenyine ufite imico y'umwimerere, kandi ko ari we wenyine ufite uburenganzira bwo guhabwa icyubahiro imico itunganye y'umwimerere ikwiriye guhabwa. Afatiye ku gihunga no kudashishoza k'uwo ashaka guhindurira imyumvire binyuze mu kumukangisha kudatuza mu cyimbo cyo gukoresha kwicisha bugufi kw'imico, ibyo avuga ko aharanira inshuro nyinshi akunze kubigeraho. Ahabwa icyubahiro cy'umudendezo, kandi umudendezo ubwawo ufatwa nk'umugambanyi ndetse n'umuriganya. Nyamara muri rusange, uyu mubeshyi ushize amanga akora umugabane wa kabiri gusa. Nubwo ari we wenyine ugaragara mu rubuga, ibyo akora bigengwa na migambi yijimye wicaye ahahishe inyuma y'umwenda ukingiriza, kandi uzi ko gutegekeshaga

302 U.S. House Reports, 43rd Congress

303 “Notes on Virginia,” Query 17, *The Writings of Thomas Jefferson*, Vol. VIII, P.402.

igitugu (iyindi mikorere akunda) bishobora iteka gukurikira intsinzi yo gushayisha. Umuturage ukunda igihugu cye azakomeza kuba maso yirinze aba banzi b'umudendezo bafite uruhare mu gitaramo, nubwo bari mu ruhande rumurwanya.”³⁰⁴

Gukangishwa Hifashishijwe Ubutware bw'Itorero.—Nimureke hitabweho ko mu rukurikirane rw'ibintu bigiye kubaho byanyuze imbere y'amaso y'umuhanuzi Yohana, yabonye iyi mpinduka itangaje yabaye mu miterere y'inyamaswa ifite amahembe abiri. Koko yatangiye kuvuga “nk'ikiyoka” no kugenzura uburyo abaturage iyobora baramyamo Imana, “ibwira abari mu isi kurema igishushanyo cy'inyamaswa.”

Inyamaswa “yari ikomerekejwe n'inkota ikabaho” ni ubupapa. Iyo nyamaswa ni itorero ryategekaga ubutegetsu bwa gisivile. Mu yandi magambo, ryari ubufatanye bw'itorero na Leta, maze rigashyira imbaraga mu nyigisho z'iyobokamana rikoresheje ububasha bwa gisivile, rigahanisha abantu gufatira imitungo yabo, igifungo, ndetse n'urupfu. Igishushanyo cy'iyi nyamaswa gishobora kuba undi muryango w'abihayimana wambaye umwenda w'ububusha bwa gisivile—cyangwa ubundi bufatanye bw'itorero na Leta—kugira ngo buhe imbaraga inyigisho z'idini bwifashishije amategeko.

Igihamba cy'uko igishushanyo nk'iki kizaremwa, ndetse no muri iki gihe kiboneka mu buryo imiryango minini ndetse ivuga rikijyana yarangije gushingwa n'abavuga ko ari Abaprotestanti, kandi bakaba bamaze imyaka baharanira kugera ku gushyiraho ibipimo ngenderwaho mu by'idini bifashishije amategeko. Iyo miryango ni nk'iyi ikurikira: Ihuriro ry'Abaharanira Ivugurura mu Gihugu (National Reform Association), Ibiri biharanira Ivugurura Mpuzamahanga (International Reform Bureau), Ihuriro ry'Umunsi w'Umwami muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika (Lord's Day Alliance of United States), ndetse n' Inama Nkuru y'Amatorero ya Kristo muri Amerika (Federal Council of the Churches of Christ in America).

Kandi na none imiryango y'Abagatulika b'i Roma ikorera muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika hamwe n'imigenzo yabo bamaranye ibinyejana byinshi, na bo barashaka kugera ku ntego imeze nk'iyi. Biragaragara rwose ko izi mbaraga z'uburyo bubiri zitegerejweho kuzahuza ibiganza maze bagashyira hamwe umuhati wabo.

Intego y'Ihuriro ry'Abaharanira Ivugurura mu Gihugu, ni “uguharanira ko mu Itegekonshinga rya Leta Zunze Ubumwe za Amerika habamo impinduka ... ku buryo bigaragara ko ari Ishyamba rya Gikristo, ndetse rigashyira amategeko yose y'Abakristo, imihango yabo, ndetse imikorere y'ubutegetsu bwacu ku rufatiro rwemewe n'amategeko mu itegeko shingiro ry'igihugu.”³⁰⁵

³⁰⁴ The Works of Honourable James Wilson, Vol. III, p. 307.

³⁰⁵ David McAllister, The National Reform Movement, Its History and Principles, p. 16, Constitution and National Reform Association, Art. II.

Ku bijyanye n'ikibazo cyo guhindura iki gihugu "ishyanga rya Gikristo," Bishop Earl Cranston, D. D., wo mu itorero ryitwa Itorero ry'Intumwa ry'Abametodisiti³⁰⁶, igihe yagezaga ijamba rye ku bari bamuteze amatwi mu itorero rya Foundry Methodist Church, i Washington, D. C., ku italiki ya 13 muri Werurwe, 1910, yavuze amagambo akurikira:

"Nimureke dutekereze ko iki gihugu kibaye Ishyanga rya Gikristo, bigasobanurwa n'Itegekonshinga. Mbese ibyo byaba bisobanuye iki? Mbese mu busobanuro bubiri buhanganye bw'ijamba 'Ubukristo' ni ubuhe muri bwo ijamba 'gikristo' ryaba ryerekana?—Birumvikana ni igitekerezo cya giprotetanti, kubera ko mu butegetsi dufite muri iki gihe, abenshi mu bategetsi ari Abaprotetanti, kandi nyine abenshi mu Banyamerika ni Abaprotetanti. Yeee, ni byiza. Ariko nimureke dutekereze ko kubwo kwaguka kw'igihugu dushobora kongera ku gihugu cyacu uturere duhana imbibi dutuwe n'Abagatulika b'i Roma miliyoni 12 cyangwa se zirenga, twakwigarurira ibindi birwa bikongerwa ku gihugu cyacu, tukiyongeraho abandi bagatulika kimwe cya kabiri cy'abongabo, ndetse nabimukira bagakomeza kwiyaongerwa nk'uko biri muri iki gihe, bityo rero mu myaka runaka iri imbere, abenshi baba bamaze kuba Abagatulika b'i Roma,—ubundi se ni nde ushidikanya ko papa uyoboye muri iki gihe ashobora kuzagenga urwego rushyiraho amategeko ndetse n'ubutegetsi bw'igihugu cyacu? Ashobora kuvuga nta shiti kandi akabishimangira ati: 'Iri ni ishyanga rya Gikristo. Byavuzwe bityo uherye mu ntangiriro kandi hashize imyaka myinshi bisubirwamo. icyo gihe benshi basobanuye icyo Ubukristo ari cyo, kandi ubu benshi bazasobanura icyo ubukristo ari cyo n'icyo bugomba kuba cyo.' Abo 'benshi' bazaba basobanuye Papa."³⁰⁷

Ihuriro ry'abishyize hamwe bakiyita "Ivugurura ryo ku rwego rw'igihugu" nta rubanza biyumvamo ku byerekeranye no kwihuriza hamwe n'ubupapa kugira ngo imigambi yaryo yo gushyiraho iyobokamana ryo ku rwego rw'igihugu igerweho. Riravugaga riti: "Tubikuye ku mutima kandi tubyishimiye, twemera yuko mu bihugu byo muri Amerika y'amajyepfo, no mu Bufaransa, ndetse no mu bindi bihugu byo ku mugabane w'Uburayi, Abagatulika b'i Roma ari bo bavugizi b'Ubukristo ku rwego rw'igihugu, kandi ko bahagarara bakarwanya ibitekerezo by'uko iyobokamana ritagomba kugira uruhare mu by'ubutegetsi. ... Igihe cyose bafite ubushake bwo gufatanya ngo bahangane n'ubuhakanamana bwa politiki, tuzafatana nabo mu biganza twishimiye. Mu nama z'ab'isi zo guteza imbere Ubukristo ku rwego rw'igihugu—iyari ikwiriye guterana ku munsu utari kure—ibihugu byinshi bishobora kuzahagararirwa gusa n'Abagatulika b'i Roma."³⁰⁸

Noneho se tubasha kureba intego ikomeye indi miryango ifite?

Mu gitabo cyiswe *Amateka y'Umuryango witwa Ibiro biharanira Ivugurura Mpuzamahanga*, uwo muriyango igihe warimo wishimagiza

306 "Methodist Episcopal Church"

307 "The Church and the Government," p. 7.

308 *Christian Statesman*, December 11, 1884, p. 2.

waravuze uti: "Ibiro biharanira Ivugurura ni bwo 'busitani bwa Gikristo' bwa mbere bwahanzwe mu murwa mukuru w'igihugu cyacu kugira ngo buvugane n'ubutegetsu mu nyungu z'andi madini yose."³⁰⁹

Ku rupapuro rwa 61 n'urwa 65 z'icyo gitabo handitswemo ko kugera ku itegeko rihatira abantu kuruhuka ku munsu wa mbere w'icyumweru (Sunday) ari imwe mu ntego zabo z'ibanze nk'uko bimeze ku yindi miryango imeze nka wo.

Igihe yavugiraga imbera ya Komite ya Sena ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika ishinze ubutabera, avugurura igitekerezo cyari cyatanze n'Urukiko rw'Ikirenga, Porofeseri Theodore Graebner, wo muri Koleje ya Concordia, y'ahitwa Mutagatifu Louis, yavuze amagambo atangaje akurikira:

"Mu myaka nka 50 ishize Ihuriro Riharanira Ivugurura mu Gihugu ryashatse ... ko amashuri yose ya Leta aba uburezi bwa gikristo, bityo Yesu Kristo akaba ahindutse Umwami w'igihugu cyose. ... Iyo nkubiri yarakomeje kugeza na magingo aya, kandi iryo tsinda ryakomeje gusohora inyangiriki nyinshi zose zerekaza ku kuntu impinduka za gikristo zakwemerwa."³¹⁰

Intego nyakuri y'uyu muryango ni uguhatira abantu iyobokamana hakoreshejwe imbaraga z'itegeko—hakemzwa itegeko ry'Icyumweru, ndetse hakabaho kuringaniza urugero rw'ubukristo bw'abantu.

Mu dutabo duto twacapwe n'umuryango witwa Ihuriro ry'Umunsu w'Umwami muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, dusomamo intego yabo mu buryo bukurikira:

"(1) Kurinda Umunsu w'Umwami [Icyumweru/Sunday] muri Amerika;

(2) Gukora ku buryo Ihuriro rikora bifatika muri buri Leta aho ritari ryatangira; (3) guhendahenda ubutegetsu rusange igihe cyose bizaba bidushobokeye kugira ngo buzashyireho urugero rwo kuziririza Isabato."

Ibi byose bisobanura gukora uko bashoboye kose, hakabaho itegeko ntakuka ry'Icyumweru ririba Leta n'igihugu—ari na bwo buryo itorero ryabonye akito ko kuyobora Leta ndetse bigatuma itorero na Leta byihuriza hamwe mu kinyejana cya kane n'icya gatanu byo mu gihe cy'Ubukristo.

Inama Nkuru y'Ubufatanye bw'Amatorero ya Kristo muri Amerika, ari nayo ikomeye cyane kandi ihagarariye urwunge rw'amatorero y'Abaprotestanti mu gihugu; mu ntangiriro zayo yavugaga ko ihagarariye imiryango cumi n'umunani, kandi bakaba bahagarariye abantu miliyoni mirongo itanu (50.000.000), mu kuvuga impamvu zo kubaho kwayo bavuze ko:

"Imiryango ya gikristo ikomeye yo mu gihugu cyacu ikwiriye kwishyira hamwe ...[kugira ngo ikemure] ibibazo nk'ibyo gushyingirwa no

³⁰⁹ History of International Reform Bureau, p. 2.

³¹⁰ U. S Senate Judiciary Committee Hearings, Reorganization of the Federal Judiciary, Part 3, p. 681.

gutandukana kw'abashakanye, kuzirura Isabato, ibibi byo mu muryango mugari w'abantu," n'ibindi.³¹¹

Mu gusobanura ukuntu bagambiriye kuzirura Isabato, Inama Nkuru y'Ubufatanye yavuze ko:

"Gutandukira kose ku bivugwa no ku kwera k'umunsi w'Umwami bikwirirye kurwanywa n'imbaraga binyuze mu bitangazamakuru, imiryango n'amahuriro aharanira umunsi w'Umwami, ndetse hakifashishwa n'amategeko ashobora gushyirwaho kugira ngo arinde kandi asigasire iyi nkike y'uburinzi bw'Ubukristo bwacu bw'Abanyamerika."³¹²

Muri ubu buryo, bizagaragara ko gushaka uburyo hajyaho amategeko yo guha imbaraga kuziririza Icyumweru ari ikintu nyamukuru kiranga iyi miryango mu muhati bafite wo "guhindura ishyamba ryose Abakristo." Mu kugenza batya, benshi ntibashobora kubona ko bari kurwanya amahame y'Ubukristo, amahame y'Ubuteprotestanti, ndetse n'amahame y'Ubuteprotestanti bwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika, kandi bakaba bakinira rwose mu biganza bya bwa bubasha bwashyizeho isabato yo ku munsi wa mbere w'icyumweru, maze bukigururira ubutegetsi bwa gisivile binyuze mu itegeko ry'Icyumweru —ari bwo bupapa.

Abashinzwe gushyiraho amategeko ba Leta Zunze Ubumwe za Amerika babonye aka kaga mu myaka isaga ijana ishize. Mu mwaka wa 1830, hari ibyapa (inzibutso) byashyirwaho kubuza abantu gutwara ubutumwa bwanditswe no gukingura ibiro by'iposita ku munsi w'Icyumweru, ibyo bari bararangiyeye Komite y'Ihuriro ry'ibiro by'amaposita n'ibiro bishinzwe imihanda byashyizwe imbere y'iyi komite ngo ibyiteho. Iyi komite yanditse yanga ubusabe bw'abo bari bashyigikiye izo nzibutso. Raporo yayo yaremejwe irakurikizwa, kandi iracapwa bitegetswe na Sena ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika, kandi komite ikurwaho umutwara wo kongera kwita kuri iyi nsanganyamatsiko. Ku byerekeranye n'Itegekonshinga yaravuze iti:

"Komite itegerereza ubusa kubona ingingo yatuma habaho gutanga ububasha bwemerera uyu muryango gusaba no kwemeza umugabane w'igihe, cyangwa se niba hari igihe koko cyashyizwe ku ruhande n'Ushoborabyose ngo gikorwemo gahunda z'iby'iyobokamana. ...

"Itegekonshinga rifata ko umutimanama w'Umuyuda ari ntavogerwa kimwe n'uw'Umukristo; kandi nta butware bundi ritanga bwo kwemeza kubangamira umutimanama w'umuntu wibereye wenyine mu bwigunge bwe, ari nako biri ku muryango mugari. Uwo muryango uhagarariye abandi ushobora kurenga kuri iri hame, ushobora gutakaza ubwo bubasha bwo guhagararira abandi, kandi ugatazaza icyizere wari ufitiwe n'abawugize. Kongere [ya Amerika] nivuga ko umunsi wa mbere w'icyumweru wera, ntabwo izemeza umutima w'Umuyuda ndetse n'uw'umuntu wubahiriza

311 Federal Council of the Churches of Christ in America, *Report of the First Meeting of the Federal Council*, Philadelphia, 1908, pp. 5,6.

312 *Ibid.*, p. 103.

Isabato. Bombi ntibazanyurwa na byo, kandi ku bw'ibyo nta n'umwe muri bo uzahinduka. ... Nihagira ingingo ikomeye yo mu mategeko izigera isobanura amategeko y'Imana ku ngingo *imwe*, cyangwa ikereka umuturage inshingano imwe y'iby'iyobokamana, ubwo mu buryo bumwe n'ubwo ikwiriye gukomeza igasobanura *buri* mugabane w'ibyahishuwe n'Imana; ndetse igashimangira inshingano *yose* mu by'iyobokamana, yemwe ndetse ikagera no ku mihango n'iminsi mikuru yo gusengaho, imfashanyo zo gushyigikira itorero, ndetse no gushyigikira abihayimana.

"Abateguye Itegekonshinga bazirikanaga ihame ry'iteka ryose ko isano iri hagati y'umuntu n'Imana iri hejuru y'amategeko y'abantu, kandi ko uburenganzira bwe bwo gukurikiza umutimanama we butavogerwa."³¹³

Gushaka Gushyiraho Gukiranuka Guheshwa n'Amategeko.—Biteye agahinda cyane kubona abayobozi b'amadini muri iyi minsi bose batabona kimwe akaga kari munsu ya za gahunda zo guhindura abantu beza binyuze mu kubashyiraho amategeko yo kubahiriza ajyanye n'amahame mu by'idini.

Ntabwo twiyibagiza umurimo w'icyubahiro amatorero ya giprotetanti yakoreye inyokomuntu ndetse n'isi muri rusange kubwo gutangiza amahame akomeye y'Ubuteretanti no kuyashyigikira, binyuze mu kwamamaza hose ubutumwa bwiza, ndetse no guharanira umudendezo.

Ntihakagire utekereza ko twifuza kugaragaza mu buryo ubwo ari bwo bwose amakosa ari mu mico y'abantu bari muri iki gikorwa. Ni abantu bari mu rwego rwo hejuru mu mico mbonera, bashakana umutima utaryarya uburyo igihugu cyagubwa neza, kandi bakagerageza batabeshya gukumira no kuvana ibibi bigerageza gucengera mu muryango mugari w'abantu. Nta muntu washidikanya ko umurimo wabo uzazana umusaruro mwiza mu buryo bwinshi. Tubifuriza kugera ku ntego mu murimo wabo wo kwigisha abantu kwirinda, gukuraho intambara, kurinda urubyiruko, n'indi migambi y'igikundiye imeze itya. Kubera ko ibintu bimeze gutya ari byo Abakristo bese bagomba guharanira no gusabira.

None se ni ukubera iki aba bantu bayobye bagakora ikintu kinyuranye n'icyo Bibiliya ibaburira ngo ntibagikore? Impamvu ni uko bateye umugongo inama y'Imana baherewe mu Ijambo ryayo, maze bagakomeza inzira yabo yo guhanga gukiranuka n'ubwami bw'Imana mu isi mu buryo bwabo. Basuzuguye imigabane ya Bibiliya ivuga iby'ubuhanuzi kandi ari yo ishobora kumenyesha umuntu urwego intambara iri hagati y'ubwami bwa Kristo n'ubwami bwa Satani igezeho mu gihe arimo, n'uburyo ashobora gufatanya n'ubutabazi bw'Imana mu minsi agezemo. Baretse kugirana umushyikirano n'Umuyobozi wabo wo mu ijuru n'uburyo ari gukoresha muri iki gihe kugira ngo ubwami bwe bujye mbere mu isi. Hari ikosa mu myumvire yabo ku biyanye n'ubwami bw'Imana bugiye kuza, none bari gushaka ubwami buvanze n'ibintu bimwe byo mu isi, bagashaka ko

313 "Sunday Mail" U. S. House Reports, Vol. II, No. 271, pp. 1-4.

bwimikwa hifashishijwe ibikoresho byo mu isi nk'amajwi y'amatora, amategeko, ndetse n'uburezi.

Igihe cyose ibintu bimeze bityo, ntibitangaje ko bakorera mu cyerekezo gihabanye n'ubushake bw'Imana. Ikosa ryo kunanirwa kumvira no kutemera kuyoborwa n'amabwiriza yo mu Ijambo ry'Imana, ni ikosa ryageza umuntu ku rupfu. Uko itorero rishobora kugira ishyaka rirushijeho kuba ryinshi nyamara ryavuye mu nzira y'ukuri ahubwo rikikurikirira inzira ipfuye, ni ko ibyo rizangiza bizarushaho kuba byinshi.

Intumwa Pawulo yerekana igihe abantu bashobora kuba bafite "ishusho yo kubaha Imana" nyamara bahakana "imbaraga zako."

Tubabazwa cyane no kubona Itorero ry'Abaprotestanti riri kugira uruhare mu gusohora kw'iyi shusho ya gihanuzi. Imirimo igaragara inyuma yo gusenga k'ukuri kw'Abakristo ikomeza kubaho, nyamara nta mbaraga y'Imana ihari. Igihe hariho kuzimiza imbaraga z'Imana, amatorero ahindukirira Leta ku bwinshi kugira ngo iyahe ibyo adafite. Ni ubuhamya buboneka mu mateka yose ku rwego rumwe ko igihe umuryango w'itorero ukunzwe na benshi kandi ukaba ukomeye iyo utakaje umwuka n'imbaraga by'Imana, ushakira ubufasha mu ntwaro za Leta, amaherezo idini igahinduka umugabane umwe mu butegetsi bwa Leta. Uku ni ko bizagenda mu gihe cyo kurema igishushanyo cy'inyamaswa, kubera ko ubuhanuzi buvuga ngo: "Ihabwa guha icyo gishushanyo cy'inyamaswa guhumeka, ngo kivuge kandi cyicishe abatakiramya bose." Ibyahishuwe 13: 15.

Nimureke umuryango ushingiye ku itorero ushyirweho, mureke ubutegetsi bwemere mu mategeko uwo muryango kandi buwuhe ububasha bwo guhatira abantu inyigisho zawo zishobora kuba zemewe n'amadini atandukanye nk'urufatiro rw'ubumwe bwayo; ubwo se ni iki tuzaba dufite? Ni cya kindi neza neza ubuhanuzi bwerekana ari cyo—*igishushanyo cy'inyamaswa* ihagarariye ubupapa kizaba cyahawe guhumeka [ubuzima] n'inyamaswa ifite amahembe abiri kugira ngo kivuge kandi gikoreshe ububasha.

Ikimenyetso cy'Inyamaswa.—Inyamaswa ifite amahembe abiri ihatira abo iyobora gushyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa ya mbere. Noneho dufite mu buhanuzi ibikoresho bitatu tugomba gutandukanya tubyitondeye kugira ngo hatabaho urujijo.

Inyamaswa ishushanya ubupapa ni ububasha bushushanywa n' "inyamaswa," "inyamaswa ya mbere," inyamaswa yari ikomerekejwe n'inkota ikabaho," ndetse ikaba "inyamaswa yakize uruguma rwayishe." Izi mvugo zose zirengurira ku bubasha bumwe, kandi aho ziboneka hose mu buhanuzi, ziba zirengurira ku bupapa.

Inyamaswa ifite amahembe abiri ni ububasha buvugwa mu Byahishuwe 13:11, kandi igaragazwa ahandi hasigaye hose mu buhanuzi hakoreshejwe insimbuzina [indangangenga] "i." Ahantu hose haboneka iyi nsimbuzina, kumanuka ukagera ku murongo wa 17 (ahari aho

idakoreshejwe muri ubwo buryo ni mu murongo wa 16, ahaboneka insimburazina irengurira ku gishushanyo), irengurira mu buryo budahinduka ku nyamaswa ifite amahembe abiri.

Igishushanyo cy'inyamaswa, mu bice bikurikiraho by'igitabo cy'Ibyahishuwe cyitwa "igishushanyo." Nuko rero, nta kaga gahari ko gufata iki gikoreshe cyifashishijwe ngo umuntu acyitiranye n'ikindi. Ibikorwa bibarwa ku gishushanyo biri kuvuga nk'ikiyoka kandi kigahatira abantu kuramya, utabikoze agahanishwa igihano cy'urupfu. Uku ni ko guha itegeko imbaraga kuvugwa n'ubuhanuzi kugahatirwa abantu utaryubahirije agahanishwa igihano cy'urupfu.

Ikimenyetso cy'inyamaswa gihabwa imbaraga n'inyamaswa ifite amahembe abiri, mu buryo butaziguye cyangwa ikabikora ibinyujije mu gishushanyo. Igihano kijyana no kwanga kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa ni ugutakaza amahirwe yose ahabwa abo mu muryango mugari w'abantu, no kwamburwa uburenganzira bwo kugura no kugurisha. Ikimenyetso ni ikimenyetso cy'inyamaswa ishushanya ubupapa. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu buri mu Byahishuwe 14: 9-12 butanga umuburo ukomeye kandi wumvikana cyane ubuza abantu kuramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo, ndetse no kwakira ikimenyetso cyayo.

Nuko rero, dukurikije ubuhanuzi, iki ni cyo kibazo duhamagarirwa guhangana na cyo vuba bidatinze. Imiryango y'abantu iyoborwa kandi igahumekerwamo n'umwuka w'ikiyoka, izategeka abantu gukora biriya bikorwa kandi ibyo bikorwa mu by'ukuri ni ukuramya ububasha bw'itorero ryahakanye kwizera, no kwakira ikimenyetso cyaryo. Abantu nibaramuka banze kugenza batyo, bazazimiza uburenganzira bw'abenegihugu, basigare ari abantu batemewe n'amategeko y'igihugu. Bagomba gukora ibigize ukuramya igishushanyo cy'inyamaswa, cyangwa se bagatakaza ubuzima bwabo. Mu rundi ruhande, Imana yohereza ubutumwa mbere gato yuko iki gihe giteye ubwoba kigera ku bantu nk'uko tuzabibona mu busobanuro bwo mu Byahishuwe 14:9-12, ahavuga ko abakora kimwe muri ibi bintu "bazanywa ku nzoga y'umujinya w'Imana, idafunguyemo amazi mu gacuma k'umujinya wayo." Uwanga kumvira aya mategeko y'ubutegetsu bwo mu isi azaba yishyize mu mwanya utuma ahabwa ibihano bisharira bishobora guhabwa abantu. Uwemera kumvira aya mategeko, azaba yishyize mu mwanya utuma agerwaho n'ibintu biteye ubwoba biturutse ku mujinya w'Imana biboneka mu ijambo ry'Imana. Ikibazo cyo kwibaza niba bazumvira Imana cyangwa bakumvira umuntu kigomba gukemurwa n'abantu bariho muri iki gihe mu buryo bwihutirwa ku mpande zombi, kurenza uko byigeze kubaho ku bindi bisekuru byose byabayeho.

Kuramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo, ndetse no kwakira ikimenyetso bigomba kuba ari ikintu gikubiyemo igicumuro kiruta ibindi byose bishobora gucumurwa ku Mana, ku buryo kizanira ugikoze guhanishwa umujinya ukarishye. Nk'uko byerekanwe mbere, uyu ni umurimo ukorwa mu minsi iheruka. Nk'uko Imana yaduhereye mu Ijambo

ryayo ibihamya bisaze bitwereka igihe tuzaba turi mu minsi ya nyuma, ku buryo ntawe ukwiriye gutungurwa n'umunsi w'Umwami nk'uko umujura aza, ni muri ubwo buryo yaduhaye igihamba dushobora kugenderaho tukemeza tudashidikanya icyo kwakira ikimenyetso cy'inyamaswa bisobanuye, kugira ngo tubashe kwirinda igihano giteye ubwoba kizakurikiraho nta gushidikanya k'ugihawe. Ntabwo Imana isuzugura ibyiringiro by'abantu n'umurage wabo ku buryo yaciraho icyaha iteka riteye ubwoba, maze igashyira kure yacu ugusobanukirwa n'icyo cyaha icyo ari cyo, ku buryo tutashobora kubona uburyo bwo kucyirinda.

Kubw'ibyo rero turakangurira intekerezo za buri wese kwita kuri iki kibazo ngo: "Ni ibiki bigize ikimenyetso cy'inyamaswa? Imvugo y'ikimenyetso yatiriwe mu muco wa kera. Tomasi Newton aravuga ati:

"Wari umuco wo mu bantu ba kera ko abagaragu bahabwa ikimenyetso cya ba shebuja, n'ingabo zigashyirwaho ikimenyetso cy'umujenerali uziyobora, ndetse n'ababaga bariyeguriye rwose imana runaka nabo bashyirwagaho ikimenyetso cy'iyi mana babaga bariyeguriye gukorera. Inshuro nyinshi, ibi bimenyetso byashyirwaga ku kiganza cy'iburyo cyangwa mu ruhanga, kandi ibyo bimenyetso byabaga ari amashusho bashushanyaga, cyangwa bikaba ari izina ryanditswe mu nyuguti zimenyerewe n'abantu, cyangwa izina rihishwe mu mibare, hakurikijwe ubushake bwa nyiri ukubitegeka."³¹⁴

Umwanditsi witwa Prideaux³¹⁵ avuga ko Pitoremi (Ptolemy Philopater) yategetse ko Abayuda bose bari bibarujye ngo babe abaturage ba Alegizandriya bashushanywaho ishusho y'ikibabi cy'umwishywa (ikirango cy'imana ye yitwaga Bacchus) hakoreshejwe icyuma gishyushye, batabikora bakicwa.

Ijambo ryakoreshejwe mu kuvuga ikimenyetso muri ubu buhanuzi ni *charagma*, kandi risobanurwa ngo "guca imanzi, kwandika ukoresheje gukorogoshora icyo wandikaho, gushyiraho ikimenyetso ukoresheje gukeba, cyangwa kashi." Iri jambo rikoreshejwe inshuro cyenda mu Isezerano Rishya rirengurira ku kimenyetso cy'inyamaswa, uretse ahatandukanye naho hamwe rukumbi mu Byakozwe n'Intumwa 17:29. Ni byo rwose, muri ubu buhanuzi bukoresha ibimenyetso, ntitugomba kumva ko hagenderewe kuvuga ikimenyetso mu busobanuro bwacyo busanzwe. Ahubwo nk'uko byagendaga mu bihe bya kera, gutanga ikimenyetso gisanzwe bikoreshwa nk'imvugoshusho yerekana ibikorwa runaka bizakorwa mu kugira ngo ubu buhanuzi busohozwe. Uhereye ku kimenyetso kigaragara nk'uko cyakoreshejwe ahabanza, tugira icyo twiga ku byerekeye ubusobanuro bwacyo nk'uko bwakoreshejwe mu buhanuzi, kubera ko hagati y'ikimenyetso n'icyo gishushanya hagomba kuba harimo ugusa runaka. Ikimenyetso nk'uko cyakoreshejwe mu buryo busanzwe, cyasobanuraga ko umuntu

314 "Notes on Virginia," Query 17, *The Writings of Thomas Jefferson*, Vol. VIII, p. 402.

315 Humphrey Prideaux, *The Old and New Testament Connected in the History of the Jews*. Vol. II, pp. 78, 79.

ugihawe ari umugaragu wa nyiri cya kimenyetso afite, ko yemera ubutware bwe, kandi akatura ko amwumvira. Bityo rero, ikimenyetso cy'inyamaswa, cyangwa cy'ubupapa, kigomba kuba igikorwa runaka cyangwa ukwatura runaka bibasha gutuma ubutware bw'ubwo bubasha bwemerwa. Icyo kimenyetso ni iki?

Ibiranga Ububasha bw'Ubupapa.—Bwakagombye gushakirwa muri bimwe mu biranga ubutegetsi bw'ubupapa bidasanzwe. Igihe yasobanuraga ubwo butegetsi yifashishije ikimenyetso cy'agahembe gato, Daniyeli abuvugaho ko bushoza intambara yihariye yo kurwanya Imana, bukarenganya abera b'Isumbabyose, bukigira inama yo guhindura ibihe n'amategeko. Umuhanuzi asobanura neza iyi ngingo agira ati: "Azigira inama yo guhindura ibihe n'amategeko." (Daniyeli 7:25). Aya mategeko agomba kuba ari ay'Isumbabyose nta gushidikanya. Guhuza iyi mvugo n'amategeko y'abantu, maze ugatuma ubuhanuzi buvugwa butya ngo "Ni we uzavuga ibyo kugomera Isumbabyose, kandi azarenganya abera b'Isumbabyose, kandi azigira inama zo guhindura amategeko y'abantu," ibi byaba ari ukugoreka imvugo y'umuhanuzi mu buryo bugaragara. Ariko iyo mvugo nuyikoresha ku mategeko y'Imana, birasomwa ngo: "Ni we uzavuga ibyo kugomera Isumbabyose, kandi azarenganya abera b'Isumbabyose, kandi azigira inama zo guhindura ibihe n'amategeko y'Isumbabyose" kandi ibi byose ntibihindagurika kandi birushaho kugira imbaraga. Ku ijambo "amategeko", mu Giheburayo hakoreshwa *dath*, kandi muri ya Bibiliya y'Igiheburayo yahinduwe mu Kigiriki [Septuagint cyangwa LXX], hakoreshwa ijambo *nomos* mu buke, "itegeko" bihita bitera umuntu gutekereza ku mategeko y'Imana. Ubupapa bwashoboye gukora ibirenze "kwigira inama" gusa zo guhindura amategeko y'abantu. Bwayahinduye uko bwishakiye. Bwahinduye ubusa amategeko y'abami n'ay'abami n'abami, ndetse buhanaguraho abantu inshingano zo kumvira ba shebuja babafiteho ubutware. Bwarambuye ukuboko kwabwo kurekure bukugeza mu mikorere y'amahanga, maze buzana abategetsi bapfukama ku birenge byabwo bicishije bugufi bikomeye. Nyamara umuhanuzi yitegereje ibikorwa bikomeye kurusha ibi byo kwihandagaza. Yabonye bugerageza gukora ibyo budashoboye gukora, nyamara bwashoboraga kwigira inama zo kubikora gusa. Yabonye bugerageza gukora igikorwa umuntu cyangwa abantu bishyize hamwe badashobora gusohozwa, ari cyo guhindura amategeko y'Isumbabyose. Zirikana ibi mu gihe tureba ku buhamya undi mwanditsi w'ibyera yanditse kuri iyi ngingo.

Intumwa Pawulo avuga kuri ubu bubasha mu 2 Abatesalonike 2. Abusobanura yerekana papa ubwe, nk'umunyabugome "wicara nk'Imana mu rusengeri rw'Imana" (ni ukuvuga, itoreri), akishyira "hejuru y'icyitwa Imana cyose cyangwa igisengwa cyose." Ukurikije ibi, papa yishyira hejuru nk'umuntu itoreri rigomba gushakiraho ubutware, mu cyimbo cy'Imana.

Turasaba umusomyi gutekereza yitonze ku kibazo cy'uburyo ashobora kwishyira *hejuru* y'Imana. Shakashakira mu migambi y'abantu, genda ugere aho imbaraga za muntu zigarukira; ni mu wuhe mugambi, ni izihe ntambwe,

cyangwa se ubutware uyu muriganya yakoresha ngo yishyire hejuru y'Imana? Ashobora gushyiraho iminsi mikuru myinshi, ashobora gushyiraho itegeko ry'uburyo runaka bwo kuramya, ashobora gutanga amabwiriza yerekeye uburyo runaka bwo kuramya, ashobora kwerekana ububasha ku rwego runaka; nyamara igihe cyose Imana ifite ibyo isaba abantu kuzuzanya kandi bakiyumvamo ko bagomba kubaha agaciro ubigereranyije n'ibye, igihe bikimeze bityo ntabwo ashobora kuba *hejuru* y'Imana. Ashobora kwemeza itegeko, kandi akigisha abantu ko bategetswe kuryumvira bikomeye nk'uko bumvira itegeko ry'Imana; bityo rero akaba ari kwishyeshya n'Imana.

Nyamara akora ibirenze ibi; agomba kugerageza kwishyira *hejuru* y'Imana. Hanyuma yaho azatangaza itegeko rivuguruzanya iry'Imana, maze asabe ko abantu bumvira itegeko rye bwite mu cyimbo cy'iry'Imana. Uburyo bufite imbaraga azakoresha akishyira mu mwanya ahabwa mu buhanuzi, ni uguhindura amategeko y'Imana. Nashobora gutuma iyi mpinduka yemerwa n'abantu maze bagasimbuza itegeko ryashyizweho mu mwimerere waryo, icyo gihe nibwo uwo uhindura amategeko azaba yishyize hejuru y'Imana, Yo nyiri ugushyiraho amategeko. Uyu ni wo murimo nyirizina Daniyeli yavuze ko ubutegetswe bushushanywa n'agahembe gato buzigira inama yo gukora.

Dukurikije icyo ubuhanuzi buvuga, umurimo nk'uyu uzasohozwa n'ubupapa, akandi ubuhanuzi ntibushobora kubeshya. Mbese uyu murimo numara gukorwa, icyo abantu bo mu isi bazaba bafite ni iki? Bazaba bafite amategeko y'uburyo bubiri ashaka kumvirwa: aya mbere ni amategeko Imana yatanze mu buryo bw'umwimerere, akaba akubiyemo ubushake bwayo, kandi akerekana ibyo Ishaka ko abaremwe bakora; na ho aya kabiri ni amategeko yavugururwe, akomoka kuri papa w'i Roma, kandi akaba yerekana ubushake bwe. Mbese muri ubu bubasha bwombi umuntu yamenya ate ubwo abantu bazubaha kandi bakaburamya? Bimenyekanira ku mategeko bakurikiza. Niba bakurikiza amategeko y'Imana nk'uko yayatanze, baba baramya Imana kandi bakayubaha. Niba bakurikiza amategeko nk'uko yahinduwe n'ubupapa, baba baramya ubwo bubasha.

Ariko ikindi, ni uko ubuhanuzi butavugaga yuko agahembe gato, ari ko bupapa, kazashyira ku ruhande amategeko y'Imana, maze kagaha abantu andi mategeko atandukanye n'ayo rwose. Ibyo ntibyabababwira ari uguhindura amategeko, ahubwo byababwira ari ugutanga amategeko mashya. Icyo agomba gukora gusa ni ukugerageza guhindura, ku buryo amategeko aya ku Mana n'amategeko aya ku bupapa aba ameze kimwe, keretse gusa impinduka ubupapa bwazanyemo. Aya mategeko y'uburyo bubiri afite byinshi ahuriyeho. Nyamara nta tegeko na rimwe mu yo ubwo buryo bubiri bw'amategeko buhuriyehorishobora gutandukanya umuntu uramya bumwe muri ubwo bubasha mu cyimbo cyo kuramya ubundi. Niba amategeko y'Imana avugaga ngo "Ntukice," noneho n'amategeko yatanze n'ubupapa akavugaga ikintu gisa n'iki, nta muntu ushobora kuvugaga ashingiye ku kubahiriza iri tegeko k'umuntu, ngo ahamye ko uwo muntu afite

umugambi wo kumvira Imana aho kumvira papa; cyangwa se ngo abe afite umugambi wo kumvira papa aho kumvira Imana. Nyamara iyo hashingiwe kuri rya tegeko ryahinduwe, umuntu wese ukurikiza iryatanzwe n'Imana mu buryo bw'umwimerere, abasha kumenyekana nk'uramya Imana; noneho uwubahiriza iryahinduwe, ubwo na we agaragara nk'umuyobohe w'ububasha bwazanye iyo mpinduka. Nta bundi buryo bwakoreshwa kugira ngo abo bantu b'uburyo bubiri batandukanywe.

Duhereye kuri uyu mwanzuro, nta muntu uvugisha ukuri wawuhakana, ibiri amambu, muri uyu mwanzuro dufitemo igisubizo rusange cy'iki kibazo ngo "Ni ibiki bigize ikimenyetso cy'inyamaswa?" Igisubizo cyoroshye ni iki: *ikimenyetso cy'inyamaswa ni impinduka inyamaswa yagerageje gushyira mu mategeko y'Imana.*

Impinduka mu Mategeko y'Imana.—Noneho turabaza iyo mpinduka iyo ari yo. Iyo tuvuga amategeko y'Imana, tuba tuvuze amategeko agenga imico mbonera, amategeko rukumbi adahinduka mu ijuru no mu isi kandi agomba kumvirwa ibihe byose. Mu gusobanura ijambo "amategeko" akurikije uburyo iryo jambo rikoreshe hafi y'ahantu hose ku isi mu bihugu bituwe n'Abakristo, Webster yaravuze ati: "Amategeko agenga imico mbonera akubiye muri make mu mategeko cumi yandikishijwe urutoki rw'Imana ku bisate bibiri by'amabuye, maze agahabwa Mose ku Musozi Sinayi."

Mu busobanuro twatanze kuri Daniyeli 7:25 ku byerekeye iby'umuhanuzi yavuze ko ubupapa "buzigira inama yo guhindura ibihe n'amategeko," twabonye ibihanywe muri *Gatigisimu y'itorero ry'i Roma* ishingiyeye ku bubasha budakemangwa bw'Inama yabereye i Trent, maze ishyirwa ku mugaragaro ku bw'itegeko ryatanzwe na Papa Pius wa V, ikanyuzwa mu kinyamakuru cya Vatikani i Roma, rivuga ko itorero ryahinduye *umunsi w'Isabato* rikawukura ku munsi wa karindwi w'icyumweru rikawushyira ku munsi wa mbere w'icyumweru. Nubwo iyo gatigisimu isubira mu magambo yose yakoreshejwe mu itegeko rya kane nk'uko riri muri Bibiliya, kandi nubwo iryo tegeko riri nk'uko ryakabaye muri Bibiliya yemerwa n'Abagatulika y'Ikilatini, ikoresheya muri rusange, ndetse n'ingeri yayo yasobanuwe mu Cyongereza ikitwa *Bibiliya ya Douay*,³¹⁶ nyamara za gatigisimu zo kwigishirizamo zahawe abapadiri b'Abagatulika b'i Roma n'abigisha bo muri iki gihe ikuramo iryo tegeko ryose igasiga interuro ya mbere gusa ivuga ngo "Wibuke kweza umunsi w'Isabato" maze bakongeraho ubuhamya burebure buvuga ko guhindura umunsi w'Isabato ukava ku munsi wa karindwi (Saturday/Samedi) ugashyirwa ku munsi wa mbere (Sunday/Dimanche) bikoze n'ubutware bw'itorero Gatulika" Ibishobora kuvugwa ibyo ari byo byose ku nyandiko za *Gatigisimu y'Inama Nkuru y'i Trent* ndetse n'inyandiko ya Bibiliya y'itorero Gatulika ry'i Roma ku byerekeranye no kugumana itegeko ryose uko ryakabaye nk'uko riri mu Byanditswe byera, nyamara imigenzereze y'abihayimana bo mu rwego rwo

316 The Douay Bible

hejuru n'abapadiri ni ukwigisha abantu kubahiriza *umuhango* w'Isabato gusa, ariko kubw'ubutware bw'itorero bakayishyira ku munsu wa *mbere* w'icyumweru aho kuyishyira ku munsu wa karindwi.

Nimutyo dukomeze kuzirikana mu ntekerezo zacu ko, hakurikijwe ubuhanuzi yagombaga *kwigira inama* zo guhindura ibihe n'amategeko. Ibi bisobanura neza igitekerezo cy'*ubushake* n'*umugambi*, kandi ibi bihindura iyi mico ingenzi kugira ngo ibashe guzana iyi mpinduka. Ariko ku byerekeranye no gukurwamo kw'itegeko rya kabiri, Abagatulika bavuga yuko rikubiye mu itegeko rya mbere, bityo ngo bikaba bitari ngombwa ko ribarwa nk'itegeko ryihariye. Noneho ku itegeko rya cumi, bavuga ko hari itandukaniro rigaragara mu bitekerezo birimo ku buryo bisaba ko habaho amategeko abiri. Bityo rero kwifuza umugore wa mugenzi wawe babihindura itegeko rya cyenda, noneho kwifuza umutungo wa mugenzi wawe bakarigira itegeko rya cumi.

Muri ibi byose, bavuga yuko baba bari gutanga amategeko rwose nk'uko Imana yashakaga ko yumvikana; bityo rero mu gihe dushobora kuyafata nk'amakosa akorwa mu busobanuro baha amategeko, ntidushobora kwandika ko *bayahinduye babigambiriye*. Nyamara, ku itegeko rya kane ho si ko bimeze. Ku bijyanye n'iri tegeko, ntabwo bavuga ko ingeri yaryo bafite ihwanye n'iy'Imana yatanze. Bemera beruye ko iyi mpinduka ihari, ndetse ko iyi mpinduka yakozwe n'itorero. Uburyo za gatigisimu twavuze zanditswe kandi zikaba zirimo n'umukono w'uko zemewe n'abayobozi bakuru muri Kiriziya, bigaragazwa neza ahangaha.

Zimwe muri za gatigisimu ntoya ntizivuga iby'impinduka ku minsi ijyanye n'iby'iyobokamana, ahubwo zivuga mu buryo budakebakeba ko itegeko ry'*Isabato* ryigisha kuruhuka ku munsu w'*Icyumweru* [Sunday]:

[Dore bimwe mu bibazo n'ibisubizo byabyo biboneka muri gatigisimu imwe]

"Ikibazo: Vuga itegeko rya gatatu.

"Igishubizo: Wibuke kweza umunsu w'Isabato.

"Ikibazo: Itegeko rya Gatatu ridutegeka iki?

"Igishubizo: Kweza umunsu w'Icyumweru."³¹⁷

Izindi Gatigisimu zivuga ko Itorero Gatulika ryahinduye umunsu wo gusengaho. Muri Gatigisimu yiswe *Gatigisimu Nshya y'Inyigisho n'Imigenzereze ya Gikristo* (*New Catechism of Christian Doctrine and Practice*), tuhabona ibi bikurikira bivuga ku ngingo isobanura itegeko rya gatatu:

"Sabato yahoze ku wuhe munsu?

"Ku munsu wa karindwi, ari wo "Saturday" yacu.

"Mbese mwubahiriza Isabato?

³¹⁷ James Butler's *Catechism*, p. 34.

"Oya: Twubahiriza Umunsi w'Umwami.

"Mbese uwo munsi ni uwuhe?

"Ni umunsi wa mbere: Sunday.

"Ni nde wawuhinduye?

"Ni Itorero Gatulika."³¹⁸

Muri Gatigisimu izwi cyane y'i Baltimore (umujyi uri hagati muri Leta ya Maryland muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika) tubonamo ubu busobanuro:

"Ikibazo: Itegeko rya gatatu ni irihe?

"Igisubizo: Itegeko rya gatatu ni iri: Wibuke kweza umunsi w'Isabato.

"Ikibazo: Mbese itegeko rya gatatu ridutegeka iki?

"Igisubizo: Itegeko rya gatatu ridutegeka kubahiriza Umunsi w'Umwami. ...

"Ikibazo: Mbese umunsi w'Isabato n'Icyumweru (Sunday) ni bimwe?

"Igisubizo: Umunsi w'Isabato n'Icyumweru si bimwe. Umunsi w'Isabato ni umunsi wa karindwi w'icyumweru, kandi ni wo munsi wubahirizwaga mu mategeko yo mu gihe cya kera; Icyumweru [Sunday] ni umunsi wa mbere w'icyumweru, kandi ni umunsi wubahirizwa mu mategeko mashya.

"Ikibazo: Kuki itorero ridutegeka kweza umunsi w'Icyumweru [Sunday] mu cyimbo cy'Isabato?

"Igisubizo: Itorero ridutegeka kweza Icyumweru mu cyimbo cy'Isabato kubera ko ku Cyumweru Kristo yazutse mu bapfuye, kandi ku Cyumweru yohereje Mwuka Wera Intumwa ze."³¹⁹

Mu gitabo cyitwa *The Catholic Christian Instructed* (Umukristo Wigishirijwe na Gatulika) dusomamo aya magambo ngo:

"Ikibazo: Mbese mwishingikiriza kuki igihe muhitamo kubahiriza umunsi w'Icyumweru mu cyimbo cy'Isabato ya kera, ari yo yabaga ku munsi wa karindwi [Saturday]?"

"Igisubizo: Tubifitiye ubutware duhabwa n'Itorero Gatulika, ndetse no ku migenzo y'intumwa.

"Ikibazo: Mbese hari ahantu mu Byanditswe byera hategeka ko Icyumweru kiruhukwa mu cyimbo cy'Isabato?"

"Ibyanditswe bidutegeka kumvira itorero (Matayo 18:17; Luka 10: 16) no gukomera ku mihango y'intumwa (2 Abatesalonike 2:15), ariko ntabwo Ibyanditswe bivuga mu buryo bwihariye iby'uku guhinduka kw'Isabato."³²⁰

Muri Gatigisimu y'Amahame y'Idini (*Doctrinal Catechism*) tubonamo ikindi gihamya gishimangira iyi ngingo:

"Ikibazo: Mbese hari ubundi buryo mufite bwo guhamya ko itorero rifite ububasha bwo gushyiraho iminsi mikuru yemewe namategeko?"

318 James Bellord, *A New Catechism of Christian Doctrine and Practice*, pp. 86, 87.

319 *A Catechism of Christian Doctrine*, No. 2, Prepared and Enjoined by Order of the Third Plenary Council of Baltimore, p. 65.

320 Richard Challoner, *The Catholic Christian Instructed*, p. 202

"Igisubizo: Iyaba ritari ribufite, ntiriyari gushobora gukora ibyo ryakoze, ibyo abanyamadini bo muri iki gihe bemeranya na ryo—ntiriyari gushobora gufata ukuruhukwa kw'icyumweru ari wo munsu wa mbere w'icyumweru ngo gusimbure kubahiriza umunsu wa karindwi [Saturday]; impinduka idafite ikiyishyigikira na kimwe mu Byanditswe byera."³²¹

Mu gitabo cyitwa *Inshamake y'Inyigisho ya Gikristo* (*An Abridgment of the Christian Doctrine*) tubonamo ubuhamya bukurikira:

"Ikibazo: Wahamya ute ko itorero rifite ububasha bwo gushyiraho iminsi mikuru n'iminsi y'ibiruhuko?"

"Igisubizo: Wabihamisha igikorwa nyirizina cyo guhindura Isabato ikajya ku munsu w'Icyumweru, ibyo Abaprotestanti bemeye; kandi kubw'ibyo barivuguruza cyane igihe baruhuka ku Cyumweru badakebakeba, maze bakica indi minsi mikuru myinshi yashyizweho n'iryo torero.

"Ikibazo: Mbese mubihamya mute?"

Igisubizo: Ni ukubera ko igihe baruhuka ku Cyumweru baba bemera ububasha bw'itorero bwo gushyiraho iminsi mikuru, no kubategukera mu cyaha."³²²

Muri Gatigisimu Isobanuye mu buryo Bworoheje (*The Catechism Simply Explained*), hari ibibazo n'ibisubizo bukurikira:

"Itegeko rya gatatu ni irihe?"

"Itegeko rya gatatu ni iri: 'Wibuke kweza umunsu w'Isabato.'

"Itegeko rya gatatu ridutegeka iki?"

"Itegeko rya gatatu ridutegeka kweza umunsu w'Icyumweru [Sunday].

"Umunsu w'Isabato y'Abayuda wari ku wa karindwi [Saturday]; ariko twe bwe Abakristo tweza umunsu w'Icyumweru. Kubw'ububasha Umwami yarihaye, Itorero ryahinduye kubahiriza umunsu wa karindwi ribishyira ku munsu wa mbere."³²³

Ku birebana n'itegeko rya kane, ibi ni byo ubutegetsu bw'ubupapa bwigamba ko bwakoze. Abagatulika biyemerera ku mugaragaro ko ntacyo bashingiyeho kiri mu Byanditswe byera ngo bakore impinduka bakoze, ahubwo bakavugaga ko bishingikiriye gusa ku butware bw'itorero. Birata ko ari igihamba, ikimenyetso cy'ubutware bw'iryo torero bwo gukora "igikorwa cyo guhindura Isabato igashyirwa ku munsu wa mbere," maze muri iki cyerekezo bakabitanga nk'igihamba cy'ububasha bwaryo.

Umuntu umwe yavugaga ati: "Nyamara, nibwira ko Kristo yahinduye Isabato." Hari abantu benshi cyane bibwira batya kubera ko ari ko bigishijwe. Nyamara dukwiriye kwibutsa abo bantu, ko nk'uko ubuhanuzi bubivugaga impinduka rukumbi yashoboraga gukorwa mu mategeko y'Imana ari

321 Stephen Keenan, *A Doctrinal Catechism*, p. 174.

322 Henry Tuberville, *An Abridgment of the Christian Doctrine*, p. 58.

323 H. Canon Cafferata, *The Catechism Simply Explained*, p. 89.

iyagombaga gukorwa n'agahembe gato ko muri Daniyeli 7, ari ko munyabugome uboneka mu 2 Abatesalonike 2; kandi ko impinduka rukumbi yakozwe muri yo ari uguhindura Isabato. Noneho, niba Kristo yarahinduye Isabato, yaba yarasoheje umurimo w'ububasha butuka Imana bwavuzwe na Daniyeli ndetse na Pawulo—kandi uyu mwanzuro ntushobora kwemerwa n'Umukristo uko yaba ameze kose.

Ni iyihe mpamvu yatuma umuntu yirushya ashaka kwerekana ko Kristo yahinduye Isabato? Umuntu wese ugerageza gukora atya aba akora umurimo adashobora gushimirwa. Papa ntabwo azabimushimira; kubera ko nibigaragazwa ko Kristo yahinduye Isabato, ubwo Papa bazaba bamuriganyije ikirango cy'ubutware bwe n'ububasha bwe. Nta Muprotetanti nyakuri wamurikiwe n'umucyo uzamushimira; kubera ko nabigeraho, icyo azaba yerekanye gusa ni uko ubupapa butakoze umurimo bwari bwarahanuwe ko buzakora, kandi ko ubuhanuzi bwavuze butasohoye, ndetse ko Ibyanditswe byera atari ibyo kwiringirwa. Byakabaye byiza ikibazo gikomeje kumera nk'uko kimeze mu buhanuzi, kandi ibyo papa yigamba atabizi neza byakwemerwa uko biri.

Iyo umuntu ashinzwe umurimo runaka, maze uwo muntu agatera intambwe akatuza akanwa ke ko yakoze uwo murimo, ibyo biba bihagije ngo ikibazo gikemuke. Bityo rero, igihe ubuhanuzi buhamije ko ubutegetsu runaka buzahindura amategeko y'Imana, maze mu gihe gikwiriye ubwo bubasha bugahaguruka, bugakora umurimo wari warahanuwe, hanyuma bukigamba ku mugaragaro ko bwawukoze, mbese ikindi gihamya tuba dukeneye ni ikihe? Abari mu isi ntibakwiriye kwibagirwa ko ubuhakanyi bwavuzwe mbere na Pawulo bwarangije kubaho; ko umunyabugome amaze igihe kirekire asa n'uwihariye inyigisho z'ubukristo mu isi; kandi ko amayoberane y'ubugome yaroshye umwijima w'igicucu cyayo n'ibinyoma by'inyigisho hafi y'aho ubukristo bubarizwa hose. Nta kwibagirwa kandi ko inyigisho z'iyobokamana zaturutse mu binyoma bye, bityo umwijima no kwangirika bikazanwa na we. None se ubwo byaba bitangaje niba hakiri indi migenzo y'ubupapa igomba gushyirwa ahagaragara mbere yuko Ubugorozi burangiza umurimo wabwo? Alegizandere Campbell, uwashinze *Itorero ry'Abigishwa ba Kristo*, [Disciple of Christ Church] igihe yavugaga ku bice biboneka mu Baprotetanti, yaravuze ati:

“Bose uko bakabaye, mu miryango yabo y'ivugabutumwa, mu materaniro yo gusenga, mu nyigisho zabo, mu byo baziririza, bafatiye mu gituma cyabo imigenzo y'ubupapa. Ni abagorozi b'Ubupapa, kandi ubwo bugorozi babukoze by'igice. Ahubwo inyigisho n'imigenzo y'abantu biracyabangamira imbaraga n'iterambere by'ubutumwa bwiza buri mu biganza byabo.”³²⁴

Imiterere y'impinduka agahembe gato kagerageje gukora mu mategeko y'Imana ikwiriye kwitabwaho. Ni iby'ukuri ko afite umugambi wo kwishyira hejuru y'Imana, atangira umurimo wo guhindura rya tegeko ry'Imana,

324 Alexander Campbell, *Christian Baptism*, p. 15.

kandi ni itegeko ry'ingenzi mu yandi yose kuko ari ryo rimenyekanisha uwatanze amategeko uwo ari we, kandi rikaba ririmo umukono w'uko ari Umwami. Itegeko rya kane niryo ryujuje ibi; nta rindi tegeko ribyujuje. Ni iby'ukuri ko andi mategeko ane akoreshwamo ijamba *Imana*, andi atatu na yo agakoreshwamo ijamba *Uwiteka*. Ariko se uyu amategeko avuga witwa *Uwiteka* *Imana* ni nde? Ntibishoboka kuvuga uwo ari we hatariho itegeko rya kane, kubera ko abaramya ibigirwamana bo mu nzego zose bakoresha aya magambo ku bintu byinshi bakoresha mu gusenga kwabo. Nyamara iyo harimo itegeko rya kane ryerekana nyiri ayo mategeko cumi uwo ari we, ibyo imana z'ibinyoma zishobora kwirata kuvuga kuri ayo mategeko byose bihita bihinduka ubusa. Hano *Imana* idusaba kuyirama, ntabwo ari ikintu runaka cyaremwe, ahubwo ni wa wundi waremye ibintu byose. Umuremyi w'isi n'inyanja, izuba n'ukwezi, n'inyenyeri zose, Ukomeje ijuru akaba n'Umutegetsi waryo, uwo ni we usaba ko tumuhugukira kuruta ikindi kintu icyo ari cyo cyose kuko abikwiriye kubera umwanya arimo. Kubw'ibyo rero, itegeko rimenyekanisha uku kuri kose, ni ryo dushobora kwibwira ko bwa bubasha bushaka kwishyira hejuru y'*Imana* bushobora gutangira umurimo wo guhindura. *Imana* yatanze Isabato ngo ibe urwibutso rwayo rwa buri cyumweru, ndetse rukaba n'urwibutso rw'umurimo yakoze wo kurema ijuru n'isi, ndetse rukaba ari uruzitiro rukumira ubupagani no gusenga izindi mana. Ni umukono n'ikimenyetso kivuguruza ubuhakanamana no gusenga ibigirwamana. Ubupapa bwayikuye mu nyigisho zabwo no mu migenzereze yabwo, maze buyisimbura ikindi kintu bwihangiye, icyo itorero rishyira imbere nk'ikimenyetso cy'ubutware bwaryo.

Ikibazo Kiri Hagati y'Isabato n'Icyumweru.—Bityo rero, uku guhindura itegeko rya kane kugomba kuba ari impinduka ubuhanuzi buvuga, kandi isabato yo ku munsu wa mbere igomba kuba ari ikimenyetso cy'inyamaswa! Abantu bamwe bamaze igihe kirekire bigishwa kubaha no kubahiriza uyu munsu washyizweho [n'itorero], ahari bazatangira guseta ibirenge basubira inyuma, batewe ubwoba n'uyu mwanzuro. Nta mwanya dufite, ahari nta nubwo iki ari cyo gihe gikwiriye cyo kwinjira mu mpaka zagutse cyane ku kibazo cy'Isabato, no gusobanura byinshi ku nkomoko n'imiterere byo kuruhuka umunsu wa mbere w'icyumweru. Nimureke gusa tube tubagejejeho iki gitekerezo: Niba umunsu wa karindwi ukiri Sabato yategetswe mu itegeko rya kane; niba kubahiriza umunsu wa mbere w'icyumweru nta shingiro uko ryaba rimeze bifite mu Byanditswe byera; niba uku kuweza byarazanwe nk'umuhango wa gikristo, kandi kugashyirwa mu mwanya w'Isabato yo mu mategeko cumi bigambiriwe n'ububasha bushushanywa n'inyamaswa, ndetse kugashyirwa aho nk'ikirango n'ikimenyetso cy'ubwo bubasha kugira ngo itorero ryemerwe ko rikomeye—none se guhindura Isabato ikajya ku munsu w'Icyumweru ntibyaba ari ikimenyetso cy'inyamaswa mu buryo budakuka? Igisubizo kigomba kuba ari yego. Ibisubizo by'agateganyo byatanzwe byose bigomba kuba ari ukuri kudashidikanywaho.

Ni Nde Ushyirwaho Ikimenyetso cy'Inyamaswa?—Na none bizongera bivugwe ngo: Noneho abaruhuka ku Cyumweru bose bafite ikimenyetso cy'inyamaswa; kandi abantu beza babayeho mu gihe cyashize bubahirizaga uyu munsu bari bafite ikimenyetso cy'inyamaswa; ubwo kandi ni ukuvuga ko Luteri, Whitefield, n'abayobokeye ba Wesley, n'abandi bose bakoze umurimo mwiza kandi w'igikundiro w'ubugorozi bari bafite ikimenyetso cy'inyamaswa; ubwo rero imigisha yasutswe ku matorero yari yakiriye ubugorozi yaba yarasutswe ku bantu bari bafite ikimenyetso cy'inyamaswa; ndetse n'Abakristo bose bo muri iki gihe bubahiriza icyumweru nk'Isabato bafite ikimenyetso cy'inyamaswa. Dusubiza tuvuga ngo, Ibyo si ko bimeze! Tubabajwe no kuvuga ko bamwe mu bavuga ko ari abigisha b'iby'iyobokamana, nubwo bagiye bakosorwa inshuro nyinshi, bakomeje gutsimbarara mu kutuvuga uko tutizera kuri iyi ngingo. Ntabwo twigeze twizera muri ubwo buryo, kandi ntitwigeze twigisha dutyo [Ko abo bantu bose bavuzwe haruguru bafite ikimenyetso cy'inyamaswa]. Ingingo z'ibanze dushingiraho ntizitugeza kuri bene iyo myanzuro.

Turabasaba ngo muhuguke. Umurimo wo guhatira abantu ikimenyetso cy'inyamaswa no kuramya inyamaswa, ukorwa n'inyamaswa ifite amahembe abiri. Gushyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa ni igikorwa cyihariye kizakorwa bitewe n'inyamaswa ifite amahembe abiri. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwo mu Byahishuwe 14 ni umuburo w'imbabazi wohererezwa abantu mbere y'igihe kugira ngo ubategurire akaga kagiye kuza. Kubw'ibyo rero, ntihashobora kubaho kuramya inyamaswa cyangwa kwakira ikimenyetso cyayo nk'uko ubuhanuzi bubyerekana, kugeza igihe inyamaswa ifite amahembe abiri izaba itangiye *kubihatira* abantu, hanyuma umuntu akabyemera abizi. Twabonye ko *kugambirira* byari ingenzi kugira ngo habeho impinduka ubupapa bwazanye mu mategeko y'Imana, kugira ngo iyo mpinduka ibe ikimenyetso cy'ubwo bubasha. Niko na none *kugambirira* ari ngombwa kugira ngo umuntu ku giti cye yemere iyo mpinduka, ngo bibe bibaye kwakira ikimenyetso. Mu yandi magambo, mbere yuko bivugwa ko yakiriye ikimenyetso cy'inyamaswa, umuntu agomba kwakira no kwemera iyo mpinduka abizi neza ko ari umurimo w'inyamaswa, kandi akacyakira bitewe n'ubutware bwa bwa butegetsi bunyuranya n'ibyo Imana imusaba.

Ariko se bimeze gute na ba bandi bavuzwe haruguru, bubahirije icyumweru mu gihe cyashize, ndetse na benshi mu bakiruhuka muri iki gihe? Mbese bakiruhuka nk'umuhango washyizweho n'ubupapa?—Oya. Mbese bafashe icyemezo bahitamo hagati y'icyumweru n'Isabato y'Umwami wacu bamaze gusobanukirwa neza n'icyo buri munsu muri iyi usaba abantu gukora?—Oya. Mbese bubahirije icyumweru bashingiye kuki, kandi ni iki bakomeje kukiruhuka bashingiyeho?—Bibwira ko bari gukurikiza itegeko ry'Imana. Mbese abantu nk'abo bafite ikimenyetso cy'inyamaswa? Oya rwose. Ibyo bakora babiterwa n'ikinyoma bemeye batazizi cyaturutse mu itorero ry'i Roma; ntabwo ari igikorwa cyo kuramya bakora babigambiriye.

Ariko se bizamera bite mu gihe kiri imbere? Itorero rigomba kuba ryiteguye kugaruka kwa Kristo rigomba kuba ryaritandukanyije burundu n'ibinyoma by'ubupapa no kwangirika kwabwo. Hagomba kubaho ivugurura ku bijyanye n'ingingo y'Isabato. Marayika wa gatatu wo mu Byahishuwe 14 atangariza abantu amategeko y'Imana, akabayobora ku Isabato y'ukuri aho gukurikiza isabato y'impimbano. Ikiyoka kirakangaranywa, bityo kiyobora ubutegetsu bubi bwo ku isi ku buryo ubutware bwose bw'ububasha bw'abantu buzakoreshwa kugira ngo buhatire abantu gukora ibyo umunyabugome ashaka. Ubwo ni bwo ikibazo kizaba gishyizwe imbere y'abantu mu buryo bugaragara. Abantu basabwa n'itegeko ry'Imana kubahiriza Isabato; basabwa n'itegeko ry'itorero Gatulika, bagasabwa n'itorero riyitirira Ubuprotestanti, hamwe n'itegeko ry'igihugu gukomeza isabato mpimbano. Ubutumwa bumenyeshya uwanga kubahiriza Isabato y'ukuri ko azagerwaho n'umujinya w'Imana udafunguye; na ho uwanga isabato y'ikinyoma, ubutegetsu bwo ku isi bumukangisha kumurenganya no kumwica. Iki kibazo kiri imbere y'abantu; mbese umuntu uhitamo kumvira icyo asabwa n'abantu aba akoze iki? Biba bisa n'aho abwiye Imana ati: «Nzi ibyo ushaka ko nkora, ariko sinzabyumvira. Nzi ko ububasha nsabwa kuramya atari ububasha bwa gikristo, nyamara mbwumviye kugira ngo ndengere amagara yanjye. Niyemeje kureka kukuyoboka, ahubwo nkubarara imbere y'umuriganya. Uhereye ubu, inyamaswa ni yo nzajya ndamya; njye ubwange ngiye munsu y'ibendera ry'inyamaswa mu cyimbo cyo kuyoboka ubutware bwawe Mana. Uhereye none nsuzuguye ibyo usaba, kumvira k'umutima wanjye n'ubugingo bwanjye byeguriye inyamaswa.

Uyu ni wo mwuka uzakoresha imitima y'abaramya inyamaswa—umwuka utuka Imana yo mu ijuru uhagaze imbere y'amaso yayo, kandi ukaba ubujijwe guhirika ubutegetsu bwayo no gukuraho intebe yayo ya cyami n'uko utabifitiye ubushobozi. Mbese hari igitangaje kubona Yehova aciraho iteka abatinyuka guhitamo inzira yo kurwanya ijuru batyo, akabamenyeshya ko bazagerwaho n'ibihano biteye ubwoba kiboneka mu ijamba rye?

Umurimo Uheruka.—Noneho tumaze kubona neza ibintu bigize igishushanyo cy'inyamaswa, icyo inyamaswa ifite amahembe abiri izarema, n'uburyo bigaragara ko igishushanyo nk'icyo mu gihe runaka kizashingwa muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Na none kandi twamenye ibigize ikimenyetso cy'inyamaswa, cya kindi abantu bazahatirwa kwakira. Umuryango w'abagize amatorero ugize n'amatorero menshi anyuranye yo mu gihugu, bafatanyije n'Abagatulika b'i Roma, binyuze mu gutangaza itegeko ryo kubahiriza isabato yo ku munsu wa mbere w'icyumweru no kuriha imbaraga, bazasohozza ibyo ubuhanuzi bwavuze ku byerekeranye n'igishushanyo cy'inyamaswa ndetse n'ikimenyetso cyayo. Izo nkubiri, cyangwa irindi zina rihuye n'icyo bari cyo koko, zivugwaho mu buhanuzi. Umurongo w'ibihamba bitwerekeza kuri iyi myanzuro uraromboreje kandi urasobanutse ku buryo nta buryo bwo kuwuburizamo buhari. Ni

uruhererekane rusobanutse kandi rufite gahunda uhereye ku ngingo z'ingenzi twahawe.

Igihe ibyahanuwe mu Byahishuwe 13:11-17 byahuzwaga na Amerika ku nshuro ya mbere mu mwaka wa 1850, iyo myanzuro yafashwe ku bijyanye n'ihuriro ry'amatorero ndetse n'ibyavugwaga bigenderewe itegeko ry'umunsi w'Icyumweru. Muri icyo gihe nta kimenyetso cyari gihari cyerekana yuko icyo kibazo cyari kuzigera kibaho. Nyamara ubuhanuzi bwo bwari buhari. Leta Zunze Ubumwe za Amerika zari zaratanze ibihamya byinshi cyane hashingiwe ku hantu ziherereye, igihe zabeyeho, uburyo zahagurutse, n'imiterere y'uburyo zigaragara, ku buryo byagaragaraga ko ari bwo bubasha bwashushanyijwe n'inyamaswa y'amahembe abiri. Nta kwibeshya kwari kuboneka mu mwanzuro uvuga ko ari ryo shyamba ryashushanyijwe na kiriya kimenyetso. Nyamara hano hari ibimenyetso byerekana ubumwe bw'amatorero na Leta, ndetse no gushyira imbaraga mu isabato yashyizweho n'ubupapa nk'ikimenyetso cy'inyamaswa. Ntabwo cyari igikorwa gito cyo kwizera kuba icyo gihe gufatwa umwanzuro ko Leta Zunze Ubumwe za Amerika yari kugira icyerekezo nka kiriya kandi nta bimenyetso na bike bigaragara ko zari kugenza zityo.

Abashinze Repubulika ya Amerika, igihe bakoraga imbanzirizamushinga y'amategeko ngenga, ntibari bagamije na rimwe ko hazabaho ingorane zaterwa n'ikibazo cyo kubangamira umutimanama. Itegekonshinga rigenga igihugu cyose ndetse na menshi mu mategekonshinga agenga buri Leta hari ibyo yavuze bitanga umudendeko wuzuye mu by'iyobokamana. Nyamara guhera mu 1850 iterambere rya gahunda ishimangira itegeko ry'Icyumweru ryerekana neza ko ubuhanuzi bushobora gusohora nubwo haba hariho za rutangira zirwanya kutihanganirana zashyizweho n'abakurambere bahanze iryo shyamba.

Uburyo gutegekesha igitugu imitima y'abantu n'imibiri yabo bizagenda bigwiza imbaraga ntibyasobanuwe neza mu buhanuzi uko bizagenda. Bishobora kuzanwa n'umuntu umwe cyangwa itsinda ry'abantu—mu buryo bwa politiki, ubw'idini, cyangwa ubundi buryo. Nyamara ubwo buryo butegeka bose—aboroheje n'abakomeye. Ni bwo buyobora ifaranga, kubera ko abakire n'abakene bakorwaho n'ikiganza cyabwo. Ni bwo butegeka ubukungu, kuko ntawe ushobora kugura cyangwa ngo agurishe atabihereye na bwo uburenganzira n'ikimenyetso. Butegeka iby'idini kuko buhatira buri wese kuramya Imana akurikije amategeko yabwo, yabyanga agahanishwa igihano cy'urupfu.

Mu mitekerereze y'Abanyamerika, ni ikintu giteye ipfunwe kumva ko akarengane gashingiye ku iyobokamana gashobora kuza kakangiza isura y'igihugu cyahanzwe hashingiwe ku mudendeko w'abantu bose. Nyamara mu gihe cyose cy'amateka y'icyo gihugu, uhereye igihe cyahangiye, abaturage barebaga kure bemeraga ko icyerekezo cyo gushyira imbaraga ku nyigisho z'idini hifashishijwe itegeko rya Leta ari ikintu gisanzwe ku

nyokomuntu, kandi ko gishobora kubyara akarengane gafatika kakabera ahantu hatari hitezwe.

Kubw'icyubahiro cy'igihugu, bishobora kuvugwa yuko mu mateka yacyo, abenegihugu b'imfura bakomeje gukurikiranira bugufi icyerekezo abahanze iryo shyamba bitegererezaga kure bakoreye mu rugaga rwa politiki. Nyamara nta Munyamerika wahumiriza amaso ye ngo yibuze kubona yuko uwo muhati w'igikundiro wari ubangikanye n'abayobozi mu by'idini bari bafite ishyamba nyamara rivanze no kuyoba, bageragezaga uburyo bakwifashisha amategeko ya Leta kugira ngo bayakoreshe mu kongera imbaraga mu byo bakora biyanye n'iyobokamana.

Ubuhanuzi buvuga bitari byaba ko igihe cy'akarengane kizaza. Inyamaswa ifite amahembe abiri izatera abantu bose gushyirwaho ikimenyetso, kandi abatazaramya igishushanyo bazicwa. Ni ukuvuga ko ishaka, igambiriye, kandi igerageza kugenza ityo. Ihamya itegeko nka ririya, ndetse ikarishyira mu bantu. Ariko ntabwo ikurikiza ibyo byose, kandi ntidutekereza ko hari benshi bazicwa. Imana izahagoboka itabare ubwoko bwayo. Abarinze ijamba ryo kwihangana kwa Kristo bazarindwa ku buryo batagwaga muri iyi saha y'igishuko. (Ibyahishuwe 3:10). Abagize Imana ubuhungiro bwabo, bazarindwa ikibi. (Zaburi 91:9,10). Abantu bose amazina yabo yabonetse mu gitabo, bazatabarwa. (Daniyeli 12:1). Abazanesha inyamaswa n'igishushanyo cyayo, bazacungurwa mu bantu, maze bahanike indirimbo yo kunesha imbere y'intebe y'ubwami y'Imana. (Ibyahishuwe 14: 2-4).

UMURONGO WA 18 Aha ni ho ubwenge buri: ufite ubwenge abare umubare w'iyo nyamaswa kuko ari umubare w'umuntu, kandi umubare we ni magana atandatu na mirongo itandatu n'itandatu.

Umubare w'Izina Ryayo.—Ubuhanuzi buravuga buti: «Umubare w'iyo nyamaswa, ni umubare w'umuntu.» Niba ugomba gukomorwa ku izina cyangwa izina ry'icyubahiro, umwanzuro uhita ubanguka ni uvuga ko ugomba kuba izina cyangwa izina ry'icyubahiro ry'umuntu runaka cyangwa se umuntu uhagarariye abandi. Imvugo isobanutse kurusha izindi twabonye yatanze nk'ibumbiyemo umubare w'inyamaswa, ni rimwe mu mazina y'icyubahiro akoresheya kuri Papa w'i Roma. Iryo zina ry'icyubahiro ni: *Vicarius Filii Dei*, «umusimbura w'Umwana w'Imana.» Dukwiriye kwita ku busobanuro ingeri ya Bibiliya yitwa *Douay* itanga ku magambo yo mu Byahishuwe 13:18: Imibare iri mu nyuguti zigize izina rye izatanga uyu mubare.» Dufashe inyuguti zikoresheya nk'imibare y'Ikiromani ukazikura muri iri zina ry'icyubahiro, tubona V,5 ; I,1 ; C,100 ; I,1 ; U (mbere yari kimwe n'iyi V),5 ; I,1 ; L,50 ; I,1 ; I,1 ; D,500 ; I,1. Iyo duteranyije iyi mibare, tubona 666.

Bamwe batanze ibitekerezo bavuga ko izina ry'icyubahiro ry'abapapa rikwiriye kwemerwa hakoreshejwe imibare y'Ikigiriki, kubera ko Yohana yanditse mu Kigiriki, ariko kubera ko izina riri mu Kilatini, kandi Ikilatini

kikaba ari ururimi rwemewe n'amategeko rukoreshwa n'Itorero ry'i Roma, rukaba n'ururimi rwa Bibiliya itorero ryahisemo, ururimi rukoreshwa n'abantu muri rusange mu itorero, uburyo nk'ubwo bavuga bwakwangiza agaciro k'imibare iboneka muri iryo zina riri mu rurimi rwaryo bwite. Byakumvikana neza izina ry'Ikilatini ari ryo ryerekanye agaciro k'imibare y'Ikilatini aho gukoresha agaciro k'inyuguti z'Ikigiriki.

Ku byerekeye akamenyero ko kwerekana izina ukoresheje imibare, dusoma aya magambo: «Bwari uburyo bwakoreshwaga n'abantu bo hambere, kugira ngo berekane amazina bakoresheje imibare.»³²⁵

«Gukoresha inyuguti zo mu rutonde rw'inyuguti zigahagararira imibare, byatumye mu bantu ba kera havuka imikorere yo kwerekana amazina hakoreshejwe imibare. Urugero rw'iki kintu ruboneka mu myandikire y'abapagani, Abayuda n'Abakristo.»³²⁶

Ni uburyo bwakoreshwaga mu bantu ba kera kugira ngo berekane amazina bakoresheje imibare: nk'izina rya «*Thouth*» cyangwa izina ry'Abanyegiputa rivuga «*Mercury*» ryasobanurwaga muri iyi mibare 1218. ... Kuba Mwuka Wera yaragiye ahuza imvugo ze n'imico, urwego rw'imibereho n'imyifatire y'abantu bo mu bihe byinshi, ubwo bwagiye buba uburyo busanzwe bukoreshwa mu migirire y'Imana. Uhereye muri ibyo bihe, ubu buhanga ndetse n'ubwiru bw'imibare bwakoreshejwe inshuro nyinshi mu bantu ba kera. Ntabwo bitangaje cyane rero kubona inyamaswa na yo yagira umubare wayo, kandi umubare wayo ni 666.»³²⁷

Iri zina ry'icyubahiro *Vicarius Filii Dei*, cyangwa se irindi rihuje na ryo ubusobanuro, ryagaragaye inshuro nyinshi mu nyandiko z'Abagatulika b'i Roma no mu migenzo yabo mu binyejana byinshi, ku buryo bisa n'aho atari ngombwa kongeraho ibindi bihamya kugira ngo byemerwe cyangwa ngo bigire agaciro. Ubundi buryo iryo zina rivugwamo: Umusimbura wa Kristo, cyangwa umusimbura wa Yesu Kristo, cyangwa bakavuga Umusimbura w'Imana. Amagambo yavuzwe n'Umukaridinali ukomeye witwa Manning asobanura ubu buryo butandukanye busobanura izina rimwe ni aya ngo:

«Bityo mu buryo bumwe n'ubwo ubu baravuga bati: 'Nimurebe iri Torero Gatulika, iri torero ry'Imana, irinyantegenke kandi ritentebutse, ndetse ryanzwe n'amahanga yitwa ay'Abagatulika. Hari Ubufaransa bw'Ubugatulika, n'Ubudage bw'Ubugatulika, n'Ubutaliyani bw'Abagatulika, baretse iki gihimbano cyadutse cy'ububasha bw'ab'isi bw'Umusimbura wa Yesu Kristo.' Kandi rero, kubera ko itorero risa n'irinyantegenke, kandi Umusimbura w'Umwana w'Imana akaba ari kuvugurura inzira y'umubabaro ya Shebuja ku isi, ku bw'ibyo dukozwa isoni bityo tukamutera umugongo.»³²⁸

325 Mathew Henry, *Commentary*, Vol. III, p. 1065, note on Revelation 13: 18.

326 Adam Clarke, *Commentary on New Testament*, Vol. II, p. 1025, note on Revelation 13: 18.

327 Thomas Newton, *Dissertation on The Prophecies*, Vol. II, pp.298, 299.

328 Cardinal Manning, *The Temporal Power of the Vicar of Jesus Christ*, pp. 140, 141.

Hari ubundi buryo bwinshi bunyuranye iri zina rikoreshwamo ahandi hantu muri iki gitabo.

Ku bijyanye n'agaciro k'umwanya papa afite nk'uko byerekanwa n'izina ry'icyubahiro turi gusuzuma, cyangwa se andi mazina ameze nka ryo, hari amagambo dusubiramo yavuzwe na J. A. Wylie, mu busobanuro yatanze ku nyandiko yiswe *Kwicuza kwa Ennodius*, yandika mu buryo bwo kurengera Papa Symmachus agira ati:

«Tubona Inama Nkuru [ya Roma, mu mwaka wa 502 cyangwa 503 N.K.] yari yatumijwe na Theodoric utaremeraga ko hakorwa igenzurwa ku birego Papa Symmachus yaregwaga, hashingiwe ku byari byagaragajwe na Ennodius wasabaga imbabazi. Icyo kirego cyavugaga ko 'papa, nk'umusimbura w'Imana, yari umucamanza w'abantu bose, kandi ubwe ntiha umuntu n'umwe wamucira urubanza.' Mosheim aravugaga ati: 'Muri iyi barwa yo kwicuza no kwitwararika, umusomyi azabonamo ko imfatiro z'ububasha bwinshi cyane abapapa ba Roma bagize nyuma noneho ubu zashyizweho.'»³²⁹

Mu myaka ya vuba, ukwemerwa kw'iri zina ry'icyubahiro kwarakemanzwe, nyamara ibihamya byo mu mateka biracyahari. Byerekana ko iri zina ryo kwishyira hejuru ryakoreshejwe mu gushyigikira ububasha bw'abapapa mu kubaka ubushobozi bwabo bw'ikirenga ku isi mu gihe cyo gukomera cyane kw'Abaroma mu myaka ya za 500 kugeza mu 1500, kandi bibafasha kugumana ubutware bwabo mu by'umwuka kugeza magingo aya.

Izina ry'icyubahiro ryihariye *Vicarius Filii Dei* ryagaragaye mu myaka ya 752-774 mu nyandiko izwi mu mateka yiswe 'Impano ya Konstantine'.³³⁰ Nubwo iyi nyandiko yaje gutahurwa nyuma ko yanditswe n'undi muntu igasinywaho mu izina rya Konstantine Ukomeye kugira ngo bayihe uburemere bw'ubutware bwe—(imigenzereze yari isanzwe imenyereye mu myaka ya 500-1500)—nyamara iki cyaje kwitwa 'Impano ya Konstantine' cyakoreshejwe nk'aho ari ukuri nibura n'abapapa icyenda mu gihe cy'imyaka igera kuri magana arindwi cyangwa isaga bashinga ubutware mu by'umwuka no mu butegetsi bw'isi bw'abayobozi bakuru b'idini i Roma.

Biragaragara ko izina ubwaryo ari irihimbano ryakoreshwaga ngo berekane umurimo wa Petero nk'umupapa wa mbere ngo babihuze n'ibyavugwaga n'Itorero Gatulika ry'i Roma byabaye gikwira rihamya ko amagambo ya Yesu yo muri Matayo 16:18, 19, yahaye Petero ubukuru bw'itorero bwa mbere—(iyi ni imyumvire Abaprotestanti batigeze bemera na hato)—kandi ko ubu bukuru bw'itorero bwahererekanyijwe no ku bamusimbuye ku ntebe y'ubupapa, nk'uko byavuzwe muri ya nyandiko yiswe impano ya Konstantine, kandi bigakomeza kwemerwa bityo mu itorero kugeza magingo aya.³³¹

329 J. A. Wylie, *The Papacy*, pp. 35, 36.

330 Donation of Constantine

331 See Christopher Coleman, *Constantine the Great and Christianity*, p. 178.

Abanditsi Labbe na Cossart banditse amagambo yavuzwe na Binius, wari umunyacyubahiro wo mu rwego rwo hejuru mu itorero Gatulika rya Roma muri Cologne wanditse ko 'inyandiko yakoreshejwemo iri zina ry'icyubahiro yemejwe n'inama Nkuru y'itorero.³³² Iyo nyandiko yinjijwe mu mategeko y'itorero Gatulika ry'i Roma n'uwitwa Garasiyani (Gratian), kandi igihe iyi nyandiko tumaze kuvuga yavugururwaga kandi igashyirwa ku mugaragaro, yemejwe kandi ishyigikiwe na Papa Gregory wa XIII, umutwe w'iyi nyandiko ntiwahindutse.³³³ Igihe uwitwa Lucius Ferraris yandikaga igitabo cye kivuga ku by'iyobokamana ahagana mu mwaka wa 1755, munsu y'ingingo yise «papa» yahanditse iri zina ry'icyubahiro rya *Vicarius Filii Dei*, maze aranga aho yakomoye iyo nyito ko ari mu mategeko y'itorero yavugururwaga. Nanone igihe icyo gitabo cya Ferraris cyavugururwaga kandi kikongerwamo n'ibindi bintu maze kigashyirwa ku mugaragaro i Roma mu 1890, iyo nyandiko ndetse n'izina ry'icyubahiro [rya Papa] ntibyahinduwe.³³⁴

Ku byerekeye igitabo cya Ferraris kivuga iby'iyobokamana nk'uko twakivuzeho, Inkoranyamagambo Gatulika ivuga ko «kizahora iteka ari ikirombe gishakirwamo amakuru.»³³⁵

Ahangaha tugiye kubagezaho amagambo yo mu rurimi rw'Ikilatini agaragaza Impano ya Konstantine, hanyuma agashimangirwa n'Inama Nkuru y'itorero, ndetse akaza gushyirwa mu mategeko agenga itorero Gatulika rya Roma. Ayo magambo yasubiwemo na Ferraris mu buryo bukurikira:

«Ut sicut Beatus Petrus in terris Vicarius Filii Dei fuit constitutus, ita et Pontifices eius successores in terris principatus potestatem amplius, quam terranae imperialis nostrae serenitatis mansuetudo habere videtur.»³³⁶

Uwitwa Christopher Coleman yahinduye iki gika akivanye mu mategeko y'itorero Gatulika nk'uko yanditswe na Gratian mu buryo bukurikira:

«Nk'uko Petero uhiriwe agaragara ko yagizwe Umusimbura w'Umwana w'Imana ku isi, ni ko n'abapapa bahagarariye uwo muyobozi w'intumwa bakwiriye guhabwa natwe ndetse n'ubwami bwacu ububasha bw'ikirenga buruta ubw'umwami wa hano ku isi.»³³⁷

Undi wahinduye aya magambo ku cye giti ni Edwin Lee Johnson, umwarimu w'Ikilatini n'Ikigiriki muri Kaminuza ya Vanderbilt. Yayavuze atya: «Nk'uko ku isi Petero uhiriwe yagizwe umusimbura w'Umwana w'Imana, ni ko bisa n'aho abapapa, ari bo basimbura ba Petero, ku isi bafite ububasha bw'umutegeka mukuru, buruta ubwo Nyakubahwa, ubw'umwami nyir'icyubahiro mu gukomera kwe guheraniye (abe ari we ubugira).»

332 P. Labbe and G. Cossart, *Sacrosancta Concilia*, Vol. 1, col. 1539-1541.

333 *Corpus Juris*, Lyons, 1622.

334 Lucius Ferraris, *Prompta Bibliotheca* (Rome 1890), Vol. VI, p. 43, col. 2.

335 Catholic Encyclopedia (1913), Vol. VI, p. 48, art., "Ferraris."

336 Lucius Ferraris, *Prompta Bibliotheca* (edition of 1890), art., "Papa" II, Vol. VI, p. 43.

337 Christopher B. Coleman, *The Treatise of Lorenzo Valla on the Donation of Constantine*, p. 13.

Ni muri ubu buryo Ibyahishuwe 13 hasoza, hagasiga ubwoko bw'Imana buri kumwe n'ububasha bwo ku isi bubafitiye imigambi mibisha ibarwanya, ndetse n'amategekoteka abaciraho iteka ryo gupfa no gucibwa mu bantu bitewe n'uko biyeneje gukurikiza amategeko y'Imana. Mu gihe runaka cyagenwe, imyuka y'abadayimoni izakora ibitangaza byayo bikomeye kurusha ibindi maze iyobye abari mu isi bose uretse intore [z'Imana]. (Matayo 24:24; 2Abatesalonike 2:8-12). Iki kizaba ari «igihe cyo gushukwa,» cyangwa kugeragezwa kigiye kuza, kize nk'ikigeragezo giheruka kizaza kugerageza abari mu isi bose, nk'uko byanditswe mu Byahishuwe 3:10. Mbese ikibazo muri iyi ntambara ni ikihe? Iki kibazo cy'ingenzi ntabwo cyasigaye kidasubijwe. Imirongo itanu ibanza y'igice gikurikira iki yuzuza uru ruhererekane rw'ubuhanuzi, kandi ihishura gutsinda guhebuje kw'abaneshi batwaye ukuri.

UMUBURO UHERUKA IMANA IGEZA KU ISI YACUMUYE

IBYAHISHUWE 14

UMURONGO WA 1 Nuko ngiye kubona mbona Umwana w'Intama ahagaze ku musozi wa Siyoni, ahagararanye n'abantu agahumbi n'inzovu enye n'ibihumbi bine, bafite izina rye n'izina rya Se yanditswe mu ruhanga rwabo. 2 Numva ijwi rivugira mu ijuru rimeze nk'iry'amazi menshi asuma, kandi nk'iry'inkuba ihinda cyane, kandi iryo jwi numvise ryari rimeze nk'iry'abacuranzi bacuranga inanga zabo, 3 baririmba indirimbo nshya imbere ya ya ntebe y'ubwami n'imbere ya bya bizima bine na ba bakuru. Nta muntu wabashije kwiga iyo ndirimbo, keretse ba bantu agahumbi n'inzovu enye n'ibihumbi bine bacunguwe ngo bakurwe mu isi. 4 Abo ni bo batandujwe n'abagore kuko ari abāri. Abo ni bo bakurikira Umwana w'Intama aho ajya hose. Bacunguriwe mu bantu kugira ngo babe umuganura ku Mana no ku Mwana w'Intama. 5 Mu kanwa kabo ntihabonetsemo ibinyoma, kuko ari abaziranenge.

Ikintu gitangaje kiranga ijambo ry'ubuhanuzi ni uko ubwoko bw'Imana butajya bushyirwa ahantu h'ikigeragezo n'ingorane, maze ngo batereranwe barekerwe aho hantu. Nyuma yo kubageza mu bintu bibaho birimo akaga, ntabwo ijwi ry'ubuhanuzi rihabasiga ngo bafindure uko bazamera, bafite gushidikanya, cyangwa se bihebye ngo bibaza ku ndunduro yabyo. Ibiri amambu, ijwi ry'ubuhanuzi rirabajyana rikabageza ku iherezo, ndetse rigahishura kunesha guheruka kw'abantu b'indahemuka.

Imirongo itanu ibanza y'Ibyahishuwe 14 ni urugero rw'ibi. Igice cya 13 cyashoje cyerekana abantu b'Imana, itsinda rito kandi ku bigaragara ry'abanyantegenke ndetse badafite kirengera, riri mu ntambara y'injyanamuntu barwana n'ububasha bufite imbaraga bwo mu isi ubwo ikiyoka gishobora guteranyiriza mu murimo wacyo. Itegeko teka riratangwa, rigashyigikirwa n'ububasha bw'ikirenga bwo mu gihugu, kugira ngo baramye igishushanyo kandi bashyirweho ikimenyetso cyayo, batabikora

bagahanishwa igihano cy'urupfu. Mbese ni iki ubwoko bw'Imana bushobora gukora mu ntambara nk'iyi no mu gihe gishishana nk'icyo? Mbese bizabagendekera bite? Mureke dufatanye n'intumwa kureba ku bintu biba ahakurikira ku bintu byenda guhishurwa. Mbese turahabona iki?—Iri ni ryo tsinda ryari rihagararanye n'Umwana w'Intama ku musozi Siyoni, itsinda ry'abaneshi, bacuranga inanga z'urudaca mu rugo rwo mu ijuru. Duhamirizwa ko ubwo igihe cyacu cyo guhangana n'imbaraga z'umwijima kizaba kigeze, tutazatabarwa gusa, ahubwo tuzahita tujyanwa hamwe n'ubwoko bw'Imana.

Abantu 144.000—Twizera ko abantu 144.000 baboneka hano ku Musozi Siyoni ari abera bari bari mu Byahishuwe 13 bagaragajwe nk'abari bibasiwe n'umujinya w'inyamaswa n'igishushanyo cyayo.

Ni kimwe n'abashyizweho ikimenyetso nk'uko biboneka mu Byahishuwe 7, bari barangije kwerekanwa ko ari abakiranutsi bazaba bakiriho igihe Kristo azaba agarutse.

«Bacunguriwe mu bantu» (umurongo wa 4), ni imvugo ishobora gukoreshwa gusa ku bantu bahinduwe bakuwe mu bakiri bazima. Pawulo yakoze uko ashoboye kose ngo niba bishoboka azabashe kugera ku muzuko w'abapfuye (Abafilipi 3:11). Kuzuka mu bapfuye ni byo byiringiro by'abasinziriyeye muri Yesu. Gucungurwa mu bantu, bagacungurwa mu bakiri bazima, bisobanura igitandukanye, kandi bishobora gusobanura ikintu kimwe gusa, kandi icyo kintu ni uguhindurwa. Bityo rero, abantu ibihumbi 144 ni abera bazaba bakiri bazima, bazahindurwa igihe Kristo azaba agarutse. (Reba ubusobanuro bwatanzwe ku murongo wa 13).

Mbese Ni Uwuhe Musozi Siyoni Yohana Yabonye Iri Tsinda Rihagazeho?—Ni umusozi wa Siyoni yo mu ijuru; kubera ko indirimo y'abacuranzi b'inanga, ya yindi yaririmbwe n'aba bantu nta gushidikanya, yumvikaniye mu ijuru. Uyu ni wo musozi Siyoni uwo Uwiteka yumvikanishirijeho ijwi rye igihe yavuganaga n'ubwoko bwe mu gihe cyegeranye cyane no kuza k'umwana w'umuntu. (Yoweli 3:16; Abaheburayo 12:25-28; Ibyahishuwe 16:17). Kwemera ko mu ijuru hari Umusozi Siyoni, kandi hakaba hariyo na Yerusalemu, byaba ari igisubizo gikomeye ku nyigisho y'ikinyoma ivuga ko hazongera kubaho ikindi gihe cy'imbabazi n'igihe cy'imyaka igihumbi y'amahoro ku isi.

Ibindi bintu byihariye byerekeranye n'abantu 144.000 byiyongera ku byo twabonye mu Byahishuwe 7, ni byo tuzongera kurebaho:

Bari bafite izina rya Se w'Umwana w'intama ryanditswe mu ruhanga rwabo. Mu Byahishuwe 7, bavuzweho ko bari bafite ikimenyetso cy'Imana mu ruhanga rwabo. Ni muri ubu buryo urufunguzo rw'ingenzi rudushoboza gusobanukirwa n'ikimenyetso cy'Imana turusozza kubera ko twabonye ko Data wa twese afata izina rye nk'ikimenyetso cye. Ubwo rero, rya tegeko ryo mu mategeko y'Imana rikubiyemo izina ryayo ni cyo kimenyetso cy'amategeko. Itegeko ry'Isabato ni ryo tegeko ryonyine ribonekamo rya

zina ry'icyubahiro ritandukanya Imana n'ibigirwamana. Aho iri tegeko ryashyirwaga hose, izina ry'Imana ryabaga rihari. (Gutegeka kwa kabiri 12:5, 14, 18, 21; 16:2, 6; n'ahandi). Kubera iyo mpamvu, umuntu wese wubahiriza Isabato by'ukuri, afite ikimenyetso cy'Imana Ihoraho.

Baririmba indirimbo nshya itarigeze imenywa n'abandi bantu abo ari bo bose. Mu Byahishuwe 15:3, yitwa indirimbo ya Mose n'indirimbo y'Umwana w'Intama. Indirimbo ya Mose, nk'uko ishobora kugaragara hifashishijwe Igitabo cyo Kuva 15, yari indirimbo ivuga ibyo yanyuzemo no gutabarwa yabonye. Bityo rero, indirimbo y'abantu ibihumbi 144, ni indirimbo yo gutabarwa kwabo. Nta wundi wafatanyaga na bo iyo ndirimbo, kubera ko nta wundi muntu uzaba yaranyuze mu mibereho nk'iyabo.

«Ntibandujwe n'abagore.» Mu Byanditswe Byera, umugore ni ikimenyetso gishushanya itorero; umugore w'imico myiza ashushanya itorero ritunganye, naho umugore w'imico yangiritse agashushanya itorero ryahakanye kwizera. Bityo rero, ikiranga iri tsinda ry'abantu ni uko mu gihe cyo gutabarwa kwabo batari barandujwe n'amatorero yaguye yo mu isi, nta n'ubwo bari barigeze bagirana imikoranire na yo. Nyamara ntabwo dukwiriye kumva ko batigeze bagirana isano n'aya matorero, kubera ko abantu banduzwa na yo mu gihe runaka. Mu Byahishuwe 18:4, tuhabona irarika rihabwa ubwoko bw'Imana igihe bwari bukiri muri Babuloni, ribubwira ngo nibusohoke kugira ngo budafatanyaga na yo ibyaha byayo. Mu gihe cyose bumviye iryo rarika maze bakitandukanya na yo, baba bakize guhumanywa n'ibyaha byayo. Nuko rero, abantu ibihumbi 144, nubwo bamwe muri bo bashobora kuba barigeze kugirana isano n'amatorero yiyanduje mu mico, igihe cyose babonaga ko byari kubahindukira icyaha baramutse bakomeje kuyigundira baciye iyo sano yabahuzaga.

Bakurikira Umwana w'Intama aho ajya hose. Twumva yuko ibi bivugwa kuri bo mu mibereho y'abacunguwe nkabo. Ni abantu b'umwihariko bagendana n'Umwami wabo wahawe ubwiza mu bwami bwe. Ku byerekeye iri tsinda n'iki gihe ririmo dusoam amagambo ngo: "Umwana w'Intama uri hagati y'intebe y'ubwami, azabaragira abuhire amasoko y'amazi y'ubugingo." Ibyahishuwe 7: 17.

Ni "umuganura ku Mana no ku Mwana w'Intama." Iri jambo rigaragara nk'irisobanura abantu batandukanye kugira ngo ryerekane ibigombero by'umwihariko. Kristo ni we muganura washushanywaga n'amahundo yo kuzunguzwa. Abakiriye ubutumwa bwa mbere, Yakobo abita imbuto z'umuganura. (Yakobo 1:18). Bityo rero, abantu ibihumbi 144, nk'abari bateguriwe hano mu isi mu bihe by'amakuba byo mu minsi iheruka ngo bahunikwe mu kigega cyo mu ijuru, bimuriwe mu ijuru badasogongeye urupfu, maze bahabwa imyanya y'ibanze. Muri ubu buryo bitwa umuganura ku Mana no ku Mwana w'Intama. Umurongo w'ubuhanuzi bwari bwatangiranye n'Ibyahishuwe 12, usoreza ku gusobanura aba bantu ibihumbi 144 by'abaneshi.

UMURONGO WA 6 Nuko mbona marayika wundi aguruka aringanije ijuru, afite ubutumwa bwiza bw'iteka ryose ngo abubwira abari mu isi, bo mu mahanga yose n'imiryango yose, n'indimi zose n'amoko yose. 7 Avuga ijwi rirenga ati "Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, muramye Iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko."

Ubutumwa bwa Marayika wa Mbere.—Muri iyi mirongo turahabona ibindi bintu n'uruhererekane bw'ibiba mu buhanuzi. Tuzi ko ibi ari ko biri, kubera ko imirongo ibanza y'iki gice isobanura itsinda ry'abacunguwe bari bamaze guhabwa kudapfa—kikaba ari ikintu kigize umugabane umwe w'uruhererekane rwa gihanuzi rutangirana n'imirongo ya mbere y'Ibyahishuwe 12, kandi akaba ari nayo uruhererekane rw'ibibera mu buhanuzi rusorezaho, kuko tuzi yuko nta bundi buhanuzi buza nyuma yo guhabwa kudapfa. Igihe cyose umurongo wa gihanuzi utujyanye ukatugeza ku iherezaho ry'isi, tumenya ko uwo umurongo usoreza aho ngaho, kandi ko ibitangira kuvugwa nyuma yawo biba ari ibyo mu rundi ruhererekane rw'ibyabayeho. By'umwihariko, igitabo cy'Ibyahishuwe kigizwe n'impererekane z'ubuhanuzi zimwe zidashingiye ku zindi nk'uko byagiye byerekanwa mu ngero zatanzwe.

Ubutumwa bwerekanwa muri iyi mirongo ibiri, ni ubwa mbere mu cyo tuzi nk'«ubutumwa bw'abamarayika batatu bwo mu Byahishuwe 14.» Ibyo tuvuga bisobanurwa n'ubuhanuzi ubwabwo, igihe bwagaragazaga abo bamarayika nka marayika wa mbere, uwa kabiri, n'uwa gatatu. Mu mirongo ikurikiraho, uwa nyuma atandukanywa n'abandi hakoreshejwe amagambo ngo «marayika wa gatatu,» ari naho duhera tuvuga ko umubanziriza ari marayika wa kabiri; noneho ubanziriza uwo akaba ari marayika wa mbere.

Birumvikana ko aba bamarayika na bo ari imvugoshusho yakoreshejwe kubera ko umurimo bahawe ari uwo kubwiriza abantu ubutumwa bwiza bw'iteka ryose. Nyamara kubwiriza ubutumwa bwiza ntabwo ari umurimo wahawe abamarayika basanzwe; ahubwo wahawe abantu ari na bo bazabazwa iby'iyi nshingano yera yashyizwe mu biganza byabo. Kubw'ibyo, buri mumarayika wese muri aba batatu, ashushanya abahawe umurimo wo kumenyesha abantu bagenzi babo ukuri kudasanzwe ari na wo mutwaro ukubiye muri ubu butumwa.

Abamarayika basanzwe bashishikajwe n'umurimo w'ubuntu ukorerwa hagati mu bantu, kuko batumwa gukorera abazaragwa agakiza. Kubera ko mu ngendo n'inshingano zihabwa abo mu ijuru habamo gahunda, ntibyaba ari ibyo twihimbiye dutekereje ko marayika ashinzwe umurimo wa buri butumwa kandi akanakurikirana uko ukorwa. (Abaheburayo 1:14; Ibyahishuwe 1:1; 22:16).

Muri ibi bimenyetso by'abamarayika tubona ikinyuranyo gikomeye Bibiliya ishyira hagati y'ibintu byo mu isi n'ibintu byo mu ijuru. Igihe cyose ishaka kugaragaza ubutegetsi bwo mu isi, nubwo bwaba ari bwiza kurusha

ubundi, ikimenyetso gikwiriye gishobora kuboneka ni inyamaswa yo mu gasozi. Ariko iyo ari umurimo w'Imana, ishusho ya marayika ufite ubwiza kandi igoswe n'ububasha ni yo ikoresheya ngo yerekane uwo murimo.

Agaciro k'umurimo werekanwa mu Byahishuwe 14:6-12 kazagaragarira buri muntu wese wiga iyi mirongo abyitondeye. Ahantu ubu butumwa bubomba gutangarizwa aho ari ho hose, hashingiwe ku miterere yabwo, bugombwa kuba insanganyamatsiko ikomeye y'abariho muri icyo gihe. Hano ntabwo dushatse kuvuga ko abantu nyamwinshi bazaba bariho muri icyo gihe bazabuha agaciro, kuko buri gihe cyo mu mateka y'isi, ukuri kwabaga ari uko muri icyo gihe, kwagiye kwirengagizwa. Nyamara ubwo butumwa bufite insanganyamatsiko abantu bazitaho cyane niba bari maso bagahugukira ibifite inyungu zisumba izindi zose.

Igihe Imana ihaye ubutumwa abakozi bayo ubutumwa ngo babugeze ku bari mu isi buvuga ko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye, ko Babuloni iguye, kandi ko umuntu uramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo agomba kunywa ku nzoga y'umujinya w'Imana idafunguwemo amazi mu gacuma k'umujinya wayo,—(bivuze ko ibyago biteye ubwoba kurusha ibindi byigeze kubaho biboneka mu Byanditswe biba byenda kubageraho)—nta muntu ushobora gufata iyi miburo nk'aho itari ingenzi, cyangwa ngo abwirengagize kandi abusuzugure, keretse gusa umuntu ushaka ko ubugingo bwe burimbuka. Ni na yo mpamvu ari ingenzi ko abo muri buri gisekuru bagerageza gusobanukirwa n'umurimo w'Uwiteka, bitabaye ibyo, twazimiza amahirwe aboneka mu kuri kugenewe ab'icyo gihe. By'umwihariko, ibi ni ukuri muri iki gihe ubwo tubona ibimenyetso byerekana ko dusatiriwe n'ibihe bikomeye bazaranga amateka aheruka y'isi.

Uyu mumarayika wo mu Byahishuwe 14: 6 yitwa «marayika wundi,» kubera ko Yohana yari yabonye mbere marayika aguruka mu kirere cy'ijuru mu buryo bumwe n'ubw'uwo nguwo nk'ubwo biboneka mu Byahishuwe 8:13, atangaza ko impanda eshatu ziheruka uruhererekane rw'impanda ndwi zari impanda z'amahano. (Reba ubusobanuro bwatanzwe ku Byahishuwe 8:13).

Igihe cy'Ubwo Butumwa.—Ingingo ya mbere igomba kwemezwa ni igihe ubu butumwa butangirwa. Mbese ni ryari ubutumwa ngo «igihe cyo gucira abantu urubanza kirasohoye» butangwa? Kuba bishoboka ko cyaba ari iki gihe cyacu, bituma biba ingenzi kuri twe gusuzumana ubwitonzi bwinshi iki kibazo. Nyamara igihamba cyerekana ko ibi bishobora kuba ari byo, kizagaragara uko turushaho kuja mbere. Byari bikwiriye ko buri mwakura ukora neza, na buri mutima utera, birushaho gukora cyane ku bijyanye n'agaciro gakomeye k'iyi saha duhagazemo.

Hariho uburyo butatu gusa iki kibazo cy'igihe cy'ubu buhanuzi gishobora kurebwamo. Ubwo buryo ni uko ubu buhanuzi bwatanzwe mu gihe cyashize, nko mu gihe cy'intumwa, cyangwa se mu gihe cy'abagorori; n'uko bugomba gutangwa mu gihe kizaza, cyangwa se ko ari ubwo muri iki gihe turimo.

Tubanza mbere na mbere kwibaza ku buryo bwaba bujyana n'igihe cyashize. Imiterere nyirizina y'ubu butumwa ntiyemera igitekerezo kivuga ko bushobora kuba bwaratanze bugenewe igihe cy'intumwa. Ntabwo intumwa zigeze zibwiriza abantu ko igihe cy'urubanza rw'Imana gisohoye. Iyo baza kuba barabikoze, ntibyari kuba ari ukuri, kandi ubutumwa bwabo bwari kuba bwarashyizweho ikimenyetso cy'igikorwa kibi cyo kuvuga ibinyoma. Rwose bari bafite icyo bavugaga ku rubanza ariko bavugaga ko ruzaba mu gihe kitazwi cyo mu bihe bizaza. Mu magambo ya Kristo ubwe, igihe cy'urubanza ruheruka rwa Sodomu na Gomora, Tiro, Sidoni, Korazini na Kaperinawumu, cyashyirwaga ahazaza mu gihe kitazwi. (Matayo 10:15; 11:21-24). Pawulo yabwiye Abanyakorinto basengaga ibigirwamana ko Imana yashyizeho umunsi izaciraho abari mu isi urubanza. (Ibyakozwe n'Intumwa 17:31). Ahagaze imbere ya Feliki, yamwumvishije ibyo "gukiranuka, n'ibyo kwirinda n'iby'amateka azacibwa". Yandikiye Abaroma ibyerekeye umunsi Imana izacira abantu urubanza rw'ibyahishwe mu mitima ikoresheje Yesu Kristo. (Abaroma 2:16). Pawulo yeretse Abakorinto igihe «twese tugomba kuzahagarara imbere y'intebe y'imanza ya Kristo.» (2 Abakorinto 5:10). Yakobo yandikiye benedata batataniye mu mahanga ko mu gihe runaka cy'ahazaza, bazacirwa urubanza n'amategeko atera umudendezo. (Yakobo 2:12). Petero na Yuda bombi bavugaga iby'abamarayika ba mbere bigometse n'uburyo barindirijwe umunsi ukomeye w'urubanza, mu gihe kizaza, ari cyo abatubaha Imana bo muri iyi si barindirijwe. (2Petero 2:4, 9; Yuda 6). Mbega ukuntu ibi byose bitandukanye no kubwira abari mu isi amagambo akangaranye ko «igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye!» Bene iri jwi rigomba kumvikana igihe ubutumwa bukomeye buri imbere yacu buzaba bubwirijwe.

Uhereye mu gihe cy'intumwa, nta kintu cyigeze kubaho gishobora gufatwa nk'aho ari ugusohora k'ubu butumwa, kugeza mu gihe cy'Ubugorozi mu kinyejana cya 16. Hariho abavugaga ko Maritini Luteri na bagenzi be batanze ubutumwa bwa mbere, kandi ko ubutumwa bubiri bukurikiraho bwatangiye gutangwa uhereye mu gihe cye. Iki ni ikibazo gishobora gukemurwa n'ibyabaye mu mateka kuruta ko byashakirwa mu kujya impaka. Bityo rero, dukeneye kubona igihamba cyerekana ko Abagorozi baba barigeze gutanga ubutumwa nk'ubwo. Ibyo bigishije byose byaranditswe, kandi inyandiko zabo zarashyirwaga. Mbese ni hehe kandi ni ryari bigeze bakangura isi bakoresheje ubutumwa buvugaga ko igihe cy'urubanza rw'Imana gisohoye? Nta hantu tubona handitswe ko uwo ari wo mutwaro bari bafite mu kubwiriza kwabo.

Abasobanuzi bamwe bibwira ko "imirongo iri haruguru yo mu Byahishuwe 14:6-11", ifitanye isano n'igihe cy'Ubugorozi, ndetse ikaba yarasohoreye mu kubwiriza kwa Luteri n'abandi bantu bigaragaje cyane bahagurukijwe mu gihe cyo gushyira ahagaragara amakosa y'itorero ry'i Roma. ...Nyamara mbona ko hari ingingo zikomye cyane zivuguruza ubu busobanuro. Marayika wa mbere ni igikoresho cyakoreshejwe mu kubwiriza ubutumwa bwiza mu rwego rurushijeho kwaguka kurenza uko Abagorozi

bashoboraga kubikora. Kubwiriza abatuye isi yose byari bibari kure; yemwe nta n'ubwo bashoboye kubwiriza igice cyose cy'Uburayi cyari gituwe n'Abakristo. Ubugorozi ntibwemerewe kwinjira ngo bugere kure mu bwami bumwe na bumwe bwari bugize ubwami bwagutse bwa Roma. Ntibwigeze bugera muri Esipanye, Porutigali, no mu Butaliyani. Nta nubwo mu gihe cy'ubugorozi byavugwa ko ukuri bigishaga kwari kujyanye n'amagambo ngo 'igihe cyo gucira abantu urubanza kirasohoye...' Igihe cy'urubanza rw'Imana ni igihe kizwi neza kandi kirasobanutse ukurikije uburyo ubuhanuzi bwa Daniyeli n'ubwa Yohana bukurikirana."³³⁸

Luteri yaravuze ati: "Niringira ko umunsi w'urubanza utari kure, nemeza umutima wanjye ko bitazatwara imyaka 300 utaragera; kubera ko ijambo ry'Imana rizatuba kandi rikijima bitewe no kubura kw'abungeri nyakuri nabagaragu b'Imana. Ijwi rizavuga kandi ryumvikane bidatinze riti: 'Dore umukwe araje.' Imana na Yo ntabwo izemera ko iyi si y'abagome iramba. Igomba kuzayitunguza umunsi uteye ubwoba maze iyihane kuko yasuzuguye ijambo ryayo."³³⁹

Ku birebana n'abagorozi, aya magambo atanga umwanzuro uhamye.

Ingingo dufite aha zishobora kuba zihagiye kugira ngo tureke guhuza ubutumwa bw'urubanza n'igihe cyashize. Noneho duhindukirire igitekerezo gishyira ubu butumwa mu gihe kizaza, hirya yo kugaruka kwa Kristo. Impamvu bashyira ubwo butumwa muri icyo gihe ni uko Yohana yabonye marayika aguruka aringanije ijuru uwo mwanya akimara kubona Umwana w'Intama ahagaze ku Musozi Siyoni ari kumwe n'abantu 144.000, kandi iki gikorwa nyine kizaba mu gihe kizaza. Iyaba igitabo cy'Ibyahishuwe cyari kigizwe n'ubuhanuzi bumwe bukurikiranye, imitekerereze nk'iyi yajyaga kugira ishingiro. Nyamara kubera ko kigizwe n'impererekane z'imirongo y'ubuhanuzi bumwe budashingiye ku bundi, kandi nk'uko byerekanywe mbere hose ko urwo ruhererekane rurangirira ku murongo wa gatanu w'iki gice, hanyuma urushya rugatangirana n'umurongo wa 6, iki gitekerezo ntigishobora gushyigikirwa. Kugira ngo twerekane ko ubu butumwa budashobora gusohozwa mu gihe kiri hirya yo kugaruka kwa Kristo, birahagiye gutanga impamvu nkeya.

Ubutumwa intumwa zahawe buragenda bukarangirira ku «musaruro,» ari wo mperuka y'isi. (Matayo 13:39). Bityo rero, iyaba marayika ufite «ubutumwa bwiza bw'iteka ryose » yazaga nyuma y'icyo gihe, yakagombye kubwiriza ubundi butumwa bwiza, kandi bityo yaba yishyize mu mwanya utuma agerwaho n'umuvumo wa Pawulo uri mu Bagalatiya 1:8.

Birumvikana rwose ko ubutumwa bwa marayika wa kabiri budashobora gutangwa mbere y'ubw'uwa mbere, nyamara ubutumwa bwa kabiri bumenyeshya abantu ko Babuloni iguye, kandi nyuma y'uko marayika avuze atyo, arongera akavuga ati: «Bwoko bwanjye nimuwusohokemo.»

³³⁸ William Cuninghame, *A Dissertation on the Seals and Trumpets of the Apocalypse*, p. 255.

³³⁹ Martin Luther, *Familiar Discourses*, pp. 7, 8.

Byaba biteye urujijo gushyira iki gikorwa nyuma yo kugaruka kwa Kristo, mu gihe tubona ko ubwoko bw'Imana bwose, ari abazaba bakiri bazima n'abazaba barapfuye, bazamurirwa icyarimwe gusanganira umwami mu kirere, kugira ngo babane na we iteka ryose. (1 Abatesalonike 4:17). Ntibashobora guhamagarirwa gusohoka muri Babuloni nyuma y'icyo gihe. Ntabwo Kristo abajyana muri Babuloni, ahubwo abajyana mu rugo rwa Se, ha handi hari amazu menshi. (Yohana 14:2, 3).

Iyo turebye gato ku butumwa bwa marayika wa gatatu bugomba kuzasohozwa mu gihe kizaza, nyuma yuko ubwa marayika wa mbere busohoye, na bwo bwerekana ko iyi myumvire ifite ikibazo. Ubu butumwa buburira abantu ngo bataramya inyamaswa, ari yo irengurira nta gushidikanya ku bupapa. Nyamara inyamaswa ishushanya ubupapa irarimbura igatabwa mu muriro Yesu aje. (Daniyeli 7:11; 2 Abatesalonike 2: 8). Icyo gihe ijya mu nyanja yaka umuriro, kugira ngo itongera kugora abera b'Isumbabyose. (Ibyahishuwe 19:20). Ni kuki twakomeza kwishyira mu bintu bituzuzanya byo gushyira ubutumwa buburira abantu ngo bataramya inyamaswa mu gihe inyamaswa izaba yarangiye gukurwaho, kandi kuramywa kwayo kutagishoboka?

Mu Byahishuwe 14:13 havugwa iby'amahirwe y'abapfa bapfira mu Mwami «uhereye icyo gihe»; ni ukuvuga, uhereye igihe ubutumwa bw'abamarayika batatu butangiriye kubwirizwa. Iki ni igihamba cyuzuye cyerekana ko ubwo butumwa bugomba kubwirizwa mbere y'umuzuko wa mbere, kubera ko abafite umugabane mu muzuko wa mbere batabasha kongera gupfa. Kubera iyo mpamvu rero dusezereye iyi myumvire ishyira ubu butumwa mu gihe kizaza kuko idahura n'ibyanditswe byera kandi ikaba idashoboka.

Igihe cy'Urubanza Ni Ingingo Yerekana Itandukaniro.—Noneho ubu twiteguye gusuzuma imitekerereze y'uburyo bwa gatatu, ivuga ko ubutumwa bw'igihe cyo gucira abantu urubanza ari ubw'abantu bo muri iki gihe. Ingingo zishyigikira imyumvire y'uburyo bubiri yabanje, zakoze ibihagije mu gushyiriraho urufatiro iyi myumvire tugezeho. Niba ubutumwa butaratanze mu gihe cya kera, bukaba butazabwirizwa mu gihe kizaza nyuma yo kugaruka kwa Kristo, ni he handi dushobora kubushyira uretse mu bantu bo muri iki gihe, cyane ko bigaragara ko turi mu minsi ibanziriza kugaruka kwa Kristo? Mu by'ukuri, imiterere y'ubutumwa ubwabwo ibushyira mu bantu bo mu minsi iheruka. Bubamenyesha ko igihe cyo gucira abantu urubanza kigeze. Urubanza rufitanye isano no kurangira k'umurimo w'agakiza k'abari mu isi, kandi rero kubw'ibyo, gutangaza ko igihe cyegereje bishobora gukorwa gusa igihe turushaho gusatira imperuka. Na none kandi bigaragara ko ubu butumwa ari ubwo muri iki gihe igihe bihamijwe ko uyu mumarayika ari umwe n'uvugwa mu Byahishuwe 10, wa wundi uvuga ubutumwa muri kino gihe. Kugira ngo urebe ko marayika wa mbere wo mu Byahishuwe 14 ari umwe n'uwo mu Byahishuwe 10, reba ubusobanuro bwatanze ku Byahishuwe igice cya 10.

Intumwa Pawulo wari uhagaze imbere y'umutegeka w'Umuroma witwa Feliki maze akamwemeza iby'«urubanza ruzacibwa» yamenyesheje abari bamuteze amatwi bari ku Musozi witiriwe umubumbe wa Marisi ko Imana «yashyizeho umunsi wo guciraho urubanza rw'ukuri rw'abari mu isi bose, ikazarucisha umuntu yatoranyije.» Ibyakozwe n'Intumwa 17:31.

Ubuhanuzi bw'iminsi 2300 bwo muri Daniyeli igice cya 8 n'igice cya 9 bwatungaga agatoki mu buryo butarimo kwihenda kuri iki gihe cy'urubanza. Iki gihe cy'ubuhanuzi kirekire cyane kurusha ibindi kiri mu Byanditswe byera gihera mu mwaka wa 457 Mbere ya Kristo kikagera mu mwaka wa 1844 Nyuma ya Kristo. icyo gihe ubuturo bwagombaga kwezwa, nk'uko twabibonye igihe twigaga ubuhanuzi bwa Daniyeli. Dukurikije ukwari igicucu cy'ibizaba kuboneka mu Balewi 16, uku kwezwa kwaherukaga umurimo wo guhongerera. Kuba umurimo wo ku munsi uheruka w'umwaka mu murimo wari igicucu cy'ibizaba nta kindi wari cyo uretse umunsi w'urubanza mu buryo bw'igicucu cy'ibyajyaga kuzaba hanyuma, biragaragarira mu magambo akurikira yanditswe n'abandi bantu:

«Umunsi ukomeye w'Impongano n'imirimu ijyanye na wo yihariye kandi ishimishije, wabaga ku munsi wa 10 w'ukwezi kwa karindwi. ... Wari umunsi buri muntu wese yahamagarirwaga kwiwiriza ubusa no kwibabaza umutima; agatekereza ku nzira ze z'ibyaha n'ibicumaro arira kandi yihana. ... Uwananirwaga kwibabaza yabaga ategereje igihano cy'urupfu, kikaba *kugerwaho* n'igihano kivuye ku kuboko kw'Imana mu buryo butaziguye»³⁴⁰
«Mureke twite rwose ku Munsi nyakuri w'Impongano. Habaga ari ku munsi wa 10 w'ukwezi kwa karindwi. Yubile na yo yatangiraga kuri uwo munsi kandi watangizwaga no kuvuga kw'impanda mu buryo bwumvikana, bikaba ikimenyetso cy'uko Imana yegeye bugufi ngo ice urubanza.»³⁴¹

Byari biteganyijwe ko ku munsi wa mbere utangira umwaka (Tishri 1) amategokoteka y'Imana yandikwaga, kandi ko ku Munsi w'Impongano (Tishri 10) yashyirwagaho ikimenyetso, ku buryo iyo minsi cumi yari izwi ku izina ry'«Iminsi iteye Ubwoba» ndetse n'«Iminsi icumi yo Kwihana.» Umunsi w'Impongano wari uteye ubwoba cyane ku buryo tubwirwa mu gitabo cy'imihango y'Abayuda ko abamarayika ubwabo bakubitaga hirya no hino bahinda umushyitsi, bavuga bati: '*Dore, Umunsi w'Urubanza uraje!*»³⁴²

«Imana yicaye ku ntebe yayo ya cyami ngo icire abari mu isi imanza ... Ibumbura igitabo cyayo yanditse; kirasomwa, umukono (sinyatiye) wa buri muntu wese ukabonekamo. Impanda ikomeye iravugaga; ijwi rito rituje rikumvikana; abamarayika bakavugaga batuje bati: «*Uyu ni umunsi w'urubanza.*»... Ku munsi wa mbere utangira umwaka itegokoteka rirandikwa; ku munsi w'Impongano rishyirwaho ikimenyetso cyerekana abazabaho n'abazarimbuka.»³⁴³

340 Albert Whalley, *The Red Letter Days of Israel*, p. 101.

341 Ibid., p. 116.

342 F. W. Farrar, *The Early Days of Christianity*, pp. 237, 238.

343 Jewish Encyclopedia, Vol. II, p. 286.

Umuntu ashobora kwibaza niba ubutumwa nk'ubu bwagejewe ku bari mu isi. Mureke twongere twibaze iki kibazo: Mbese ubutumwa bumeze butya buri kubwirizwa mu isi muri iki gihe? Twizera ko itsinda rinini ryahagurukanye ubutumwa bwo kubwiriza ibyo kugaruka kwa Kristo mu kinyejana gishize risubiza neza iki kibazo cy'ubuhanuzi.

Kugaruka kwa Kristo Ni Indi Ngingo Yerekana Itandukaniro.—Mu minsi ibanza y'umwaka wa 1831, Wiliamu Miller w'ahitwa Low Hampton, muri New York, binyuze mu kwiga ubuhanuzi ubudatuzakandi abishimikiriye, yageze ku mwanzuro uvuga yuko igihe cyo kubwiriza ubutumwa bwiza cyari cyegereje iherezo. Yashyizeho iherezo ryacyo, iryo yatekerezaga ko rizabaho mu mpera z'ibihe bya gihanuzi, ahagana mu mwaka wa 1843. Uyu munsu waje kwegereza inyuma bigera mu gihe cy'umuhindo wo mu mwaka wa 1844. Ubushakashatsi bwe tubwita kwiga ubuhanuzi budakebakeba kubera ko yahisemo gukoresha uburyo bwo gusobanura bunoze kandi buzima. Ubu buryo ni ishingiro rya buri vugurura ryose ryo mu buryo bw'iyobokamana, na buri terambere ryose ry'ubumenyi mu by'ubuhanuzi. Ubu buryo ni ubwo gufata imvugo zose zo mu Byanditswe, nk'uko twabikora ku kindi gitabo icyo ari cyo cyose, mbese mu buryo busanzwe, keretse gusa igihe icyerekezo cyangwa amategeko y'imvugo aramutse asaba ko ibintu byumvikana mu buryo bw'imvugoshusho; no kureka Ibyanditswe bigasobanura Ibyanditswe bindi. Ni iby'ukuri koko yagize kwibeshya ku rwego rufatika nk'uko tuzabibona nyuma; ariko dukurikije ihame rikurikizwa, kandi tukita ku zindi ngingo nyinshi zihariye, yari mu kuri. Yari mu nzira y'ukuri, kandi yagize iterambere rikomeye kurenza buri mwigishwa wese w'iby'iyobokamana wo mu gihe cye. Igihe yatangiraga gushyira ku mugaragaro ibitekerezo bye, muri rusange byarakunzwe, kandi byakurikiwe no gukanguka gukomeye mu by'iyobokamana mu bice bitandukanye by'igihugu [cya Leta Zunze Ubumwe za Amerika].

Bidatinze, iteraniro rinini ry'abafatanyije na we ryarateranye maze bashyigikira urugero ngenderwaho rwe. Muri bo harimo abagabo nka F. G. Brown, Charles Fitch, Josias Litch, J. V. Himes, n'abandi, bigaragazaga ku isonga mu byo kubaha Imana kandi bakaba abagabo abandi bantu bemera cyane mu by'iyobokamana. Igihe cyo mu myaka yo mu 1840 kugeza mu 1844 cyaranzwe n'ibikorwa bikomeye n'iterambere ritangaje ry'uyu murimo. Ubwo butumwa bwabwiwe abari mu isi bwagaragazaga ibimenyetso byose byo gusohora k'ubutumwa buri mu Byahishuwe 14:6, 7. Mu by'ukuri bwari ubutumwa bwiza bw'ubwami Kristo yari yaravuze ko bukwiriye kubwirizwa mu isi bukababwahanuzira bwo guhamiriza amahanga, nyuma imperuka igahera ko iza. (Matayo 24:14). Gusohora k'ubutumwa buri muri buri somo muri aya yombi gusaba ko habaho kubwiriza yuko imperuka yegereje. Ubutumwa bwiza bwashoboraga kubwirizwa amahanga yose nk'ikimenyetso cy'imperuka, keretse gusa bwumvikanye butyo, no kwegereza kw'imperuka kukaba imwe mu nsanganyamatsiko z'ibanze. Igitabo cyitwa Integuza yo Kugaruka kwe (*Advent Herald*) cyasobanuye neza ukuri kw'iyi ngingo mu mvugo ikurikira:

“Nubwo bimeze bityo, nk'ikimenyetso cyerekana kwegereza kw'imperuka, hagombaga kugaragara 'undi marayika uguruka aringanije ijuru afite ubutumwa bwiza bw'iteka ryose ngo abubwire abari mu isi, bo mu mahanga yose, imiryango yose, indimi zose, n'amoko yose.’» (Ibyahishuwe 14: 6). Umutwaro w'uyu mumarayika ugomba kuba ubutumwa bwiza bumwe bwari bwaravuzwe mbere yabwo; nyamara ikindi cyari gihurijwe hamwe na bwo ni ukwegereza k'ubwami bw'Imana. 'Avuga ijwi rirenga ati: 'nimwubahe Imana, muyihimbaze kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye: muramye iyaremye ijuru n'isi n'inyanja n'amasoko.' Umurongo wa 7. Nta kubwiriza ubutumwa bwiza gusa budaherekejwe no gutangaza ukwegereza [kw'ingoma y'Imana], kwashoboraga gusohozza ubu butumwa.»³⁴⁴

Abari bari muri iri tsinda bibwiraga ko ari ugusohora k'ubuhanuzi, kandi bakavugaga ko bari kubwiriza ubutumwa bwo mu Byahishuwe 14: 6,7.

“Noneho muri uyu mugoroba nababwira mu buryo budakebakeba kandi butarimo amarenga nti: 'Mwubahe Imana muyihimbaze kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye.' Turi ku iherezo rya wa munsu uheruka, aro wo wa wundi intumwa yerekezagaho igihe yavugaga iti: 'Tuzi yuko turi mu gihe cy'imperuka.' ... Rwose turi mu mugoroba w'uwo munsu—turi mu isaha ya nyuma y'uwo munsu; kandi igihe kiri bugufi, bugufi cyane, ndetse ageze ku rugi. Nshuti munteze amatwi, ndabahendahenda ngo mwrite ku kuntu igihe kiri bugufi, ndetse ko ageze ku rugi, dukurikije abize bese iki kintu kandi bakaba barashakashatse uburyo bakwigishwa n'Imana; ... ku buryo bese bahuje umutima; bakamenya ko ...ubwami bwa Kristo—buri hafi cyane.»³⁴⁵

“Ibyahishuwe 14 herekana marayika uguruka aringanije ijuru afite ubutumwa bwiza bw'iteka ryose ngo abubwira abari mu mahanga yose, n'imiryango yose, n'indimi zose, n'amoko yose. Igihe icyo kimenyetso gishushanya kizaba gisohoye, umunsu w'Umwami wo guca urubanza uzaba mu by'ukuri usohoye, kubera ko marayika avuga n'ijwi riranguruye abwira abantu ati: 'Nimwubahe Imana muyihimbaze, kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye.’»³⁴⁶

“Ni inshingano ya buri wese guhamagarira abantu bese 'kubaha Imana bakayihimbaza kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye,' ariko by'umwihariko, ni inshingano y'abagabura [b'Ijambo] ry'Imana.»³⁴⁷

“Nyamara muri rusange, itsinda ryari rishoreye ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo, no kubwiriza ko 'igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye,' ibyo ntibyagarukiraga mu gice cy'Uburengerazuba gusa. Byarebaga isi yose. Muri ubwo buryo, byashohoje ugutangazwa k'ubutumwa bwa marayika bureba “amahanga yose, n'imiryango yose, n'indimi zose,

344 Editorial, in *The Advent Herald*, Dec. 14, 1850, p. 364.

345 J. M. Campbell, *The Everlasting Gospel*.

346 John Bayford, *The Messiah's Kingdom*, p. 283.

347 J. W. Brooks, *Elements of Prophetic Interpretation*, pp. 166, 167.

n'amoko yose." Uwitwaga Mourant Brock, umuntu wo mu bihayimana wo mu itorero ry'Abangilikani, akaba n'umuyobozi ukomeye mu itsinda ryabwirizaga ibyo kugaruka kwa Kristo mu birwa by'Ubwongereza aratubwira aya magambo ati:

"Ntabwo ari mu bihugu bigize Ubwongereza gusa bari bakunze kandi bategereje ukugaruka k'Umucunguzi kwegereje, ndetse ngo abe ari na ho ijwi ry'umuburo ryumvikanira gusa, ahubwo ni ko byari biri no muri Amerika, mu Buhinde, no ku mugabane w'Uburayi. Nyuma naje kubwirwa n'umwe mu babwirizabutumwa bacu w'Umudage ko i Wirtemburgh hari hari agace gatuwe n'abimukira b'abakristo amagana, kandi kimwe mu bintu bikomeye byabarangaga kikaba kwari ugutegereza kugaruka kwa Kristo. Ndetse umugabura w'umukristo wakomokaga hafi y'inkengero z'inyanja yitwa Caspian yambwiye ko mu gihugu cye na ho hari ugutegereza kwa buri muni kugaruka kwa Kristo. Babiganiraho ubudatuza nk'umunsi w'ihumure. Mu kanyamakuru gato kitwa 'Ikinyagihumbi' (*The Millenium*) umwanditsi avuga ko asobanukiwe neza yuko muri Amerika abagabura b'ijambo ry'Imana 300 bari kubwiriza 'Ubutumwa bwiza bw'ubwami,' yongeraho ati 'mu gihe muri iki gihugu, amatorero y'Abongereza akabakaba 700 ari kurangurura ijwi nk'iri.'"³⁴⁸

Uwitwa Dr. Joseph Wolff yakoze ingendo muri Arabia, mu turere dutuwe n'abakomoka kuri Hobab, muramu wa Mose, aya ni amagambo yavuze ku gitabo yabonye mu gihugu cya Yemeni:

"Abarabu batuye muri aka gace bafite igitabo cyitwa 'Seera,' kivuga ibyo kugaruka kwa Kristo, n'ubwami bwe bw'ubwiza." Muri Yemeni ... Namaranye iminsi itandatu n'abana b'Abarekabu. ... Ntabwo banywa Vino, ntibahinga imizabibu, ntibabiba imbuto, bibera mu mahema, kandi bibuka ijambo rya Yonadabu mwene Rekabu. Bari kumwe n'abana ba Isirayeli bo mu muryango wa Dani, batuye hafi ya Yerim muri Hatramawt, na bo *bategereje hamwe n'abana b'Abarekabu, kuza kwihuse kwa Mesiya ku bicu byo mu ijuru.*"³⁴⁹

Uwitwa D.T. Taylor nawe avuga amagambo akurikira ku byerekeye ugukwira hose kw'ibyiringiro byo kugaruka kwa Kristo:

"Muri Wurtemberg hari agace gatuwe n'abimukira b'Abakristo amagana bategereje kugaruka kwihuse kwa Kristo. Na none abandi bafite kwizera kumwe n'ukw'aba batuye hafi y'inkengero z'inyanja ya Caspian; itsinda rinini ry'Abamelokana badahuje imyumvire n'itorero ry'abavuga Ikigiriki ryo mu Burusiya, batuye ku nkengero z'inyanja ya Balitike—ni abantu bubaha Imana cyane, bavuzweho aya magambo ngo 'Bafata Bibiliya yonyine nk'indangakwemera yabo, kandi urugero rwo kwizera kwabo ni Ibyanditswe byera gusa,—barangwa no 'gutegereza kwimikwa kwa vuba k'ubwami bwa Kristo bugaragara ku isi.' Mu Burusiya, inyigisho yo kuza kwa Kristo no kwima ingoma ye birabwirizwa ku rwego runaka, kandi byakirwa na benshi

³⁴⁸ Mourant Brock, *Glorification*, pp. 10, 11, footnote.

³⁴⁹ Joseph Wolff, *Narrative of a Mission to Bokhara*, pp. 40, 42.

bo mu rwego ruciye bugufi. Byanyeganyeye benshi mu Budage ku rwego rukomeye, by'umwihariko abatuye mu gice cy'amajyepfo, mu bantu bitwa Abamoraviyani. Muri Noruveje, amashusho n'ibitabo byigisha kugaruka kwa Kristo byaratunganiye ku rwego rwagutse, kandi iyo nyigisho yakiriwe na benshi. Mu bitwa Abataritari bo muri Tartary (izina rya kera ryahabwaga igice cyari gihuje Uburayi na Aziya by'uburasirazuba) hari hagwiriyeye gutegereza kugaruka kwa Kristo muri icyo gihe. Inyandiko zasohorwaga mu Bwongereza no muri Amerika ku bijyanye n'iyi nyigisho zoherezwaga mu Buholandi, Ubudage, Ubuhinde, muri Irilande, i Constantinople, i Roma, na hafi ya buri hose hari harashinzwe ibyicarwo by'ibwirizabutumwa mu isi yose. ...

“Dukurikije amakuru yandikaga binyamakuru bye hagati y'umwaka wa 1821 n'umwaka wa 1845, Joseph Wolff, D. D. yabwirije ibyo kugaruka k'Umwami kuri bugufi muri Palestina, Egipta, ku nkengero z'inyanja itukura, muri Mesopotamiya, muri Crimea, muri Persia, Georgia, mu bwami bw'Abotomani, mu Bugiriki, muri Arabiya, Turkistan, Bokhara, Afuganistani, Cashmere, Hindustani, Thibet, mu Buholandi, Scotland na Ireland, i Constantinople, i Yerusalemu, i St Helena, ndetse no ku cyambu by'amato ku nyanja ya Mediterane, ndetse no mu mujyi wa New York mu madini yose. Avuga ko yabwirije mu Bayuda, Abanyaturukiya, mu bayobokeye ba Muhamadi, mu Baperesi, Abahindu, Abakaludaya, Abayeside, Abasiriya, Abasabeyani, Abapasha, Abasheki, Abashahi, abami b'Aborgantishi n'Ababokara, Umwamikazi w'Ubugiriki, n'abandi; kandi ku bijyanye n'imirimu yakoze mu buryo budasanzwe, ikinyamakuru cyitwaga *Musesenguzi (Investigator)* cyaravuze kiti: 'Birashoboka ko nta muntu wamenyekanishije iyi nyigisho yo kugaruka kwa Yesu Kristo cyane kurusha uyu mubwirizabutumwa w'ikimenyabose mu isi. Aho aya hose abwiriza ibyo kwegereza ko kugaruka kwa Mesiya mu bwiza bwe.’”³⁵⁰

Undi mwanditsi ukomeye wo mu bari bagize itsinda ryigisha kugaruka kwa Kristo yaranditse ati:

“Ni ikintu kidashobora guhakanwa ko umuburo w'Umwami wumvikanye mu by'ukuri kandi ko muri icyo gihe ijwi ryumvikanye mu itorero rivugako kugaruka kwa Kristo kuri bugufi. Bishobora gushimangirwa nta kibazo ko kuva mu mwaka wa 1828 kugera mu mwaka wa 1833 ... impapuro nyinshi n'ibitabo bivugako ibyo kugaruka kwa Kristo no kubwiriza ko uko kugaruka kwegereye byakwirakwiriyeye mu bantu kandi byamamajwe mu binyamakuru byari bikomeye mu by'iyobokamana muri icyo gihe kurusha uko byari byarakozwe mu kinyejana cyabanjirije icyo ari cyo cyose mu byabanje, mu bihe byabanje uhereye ku gihe cy'intumwa. Ni byo rwose, birashoboka ko ari muri ibyo binyejana byose uhereye icyo gihe nyine.”³⁵¹

Kuba ikosa abari bategereye kugaruka kwa Kristo bakoze ritari rishingiye ku gihe cyerekanwe n'ingingo yatanze ku byumweru 70 n'iminsi 2300

350 D. T. Taylor, *The Voice of the Church*, pp. 343, 344.

351 William Cuninghame, *A Dissertation on the Seals and Trumpets of the Apocalypse*, p. 443.

biboneka muri Daniyeli igice cya 9, Ikosa ryari rishingiye mu miterere y'icyagombaga kuba ku iherezo ry'iyi minsi, nk'uko byerekanwe mu busobanuro bwatanzwe ku buturo buboneka muri Daniyeli 8. Bibwiraga ko isi ari ubuturo, noneho kwezwa kwayo kukaba ari umurimo uzasohozwa n'umuriro igihe Umwami azaba atungutse ku bicu byo mu ijuru. Ubwo rero mu buryo busanzwe bategereza kubona Yesu atunguka mu iherezo ry'iyi minsi.

Binyuze muri uko gusobanukirwa kwabo kurimo amakosa ku bijyanye n'iyi ngingo, bahuye no gucika intege kw'inshamugongo, kandi na ko kwari kwarahanuwe mu Byanditswe ubwabyo, nubwo buri kintu cyose ubuhanuzi bwari bwaravuze, n'ikintu cyose bari basezeranijwe gutegereza, cyose cyabayeho muri icyo gihe hatabuze na kimwe. Icyo gihe ni bwo kwezwa kubuturo kwatangiye; nyamara uwo murimo ntiwazanye Kristo hano ku isi; kandi kwezwa kwabwo ntibisaba ko isi irimbuka, kubera ko kwezwa gusohozwa n'amaraso y'ituro ritambweho igitambo, ntabwo bikorwa n'umuriro. Aha ni ho itorero ryashaririwe n'agatabo. (Ibyahishuwe 10:10). Aha ni ho kuza k'usa n'umwana w'umuntu kwabayeho, nyamara ntiyaza mu isi, ahubwo asanga Umukuru Nyiribihebyose. (Daniyeli 7: 13, 14). Aha ni ho umukwe yinjiye mu bukwe, nk'uko byerekanwe mu mugani w'abakobwa cumi uboneka muri Matayo 25.

Icyo gihe abakobwa b'abapfu babwiye ab'abanyabwenge bati: "Nimuduhe ku mavuta yanyu kuko amatara yacu azima. Abanyabwenge barabashubije bati: "Nimugende mwigurire ayanyu." "Igihe bari bagiye kugura amavuta, Umukwe yaraje." Uku si ukuza kwa Kristo muri iyi si, kubera ko ari ukuza kubanziriza ubukwe. Ubukwe, ni ukuvuga guhabwa ubwami (reba ubusobanuro bwatanzwe ku Byahishuwe 21) kugomba kubanziriza kugaruka hano ku isi kwe aje gutwara abantu be, ari bo bagomba kuba abatumiye ku meza y'ubukwe. (Luka 19:12; Ibyahishuwe 19: 7-9). Kubw'ibyo rero, uku kuza kuboneka mu mugani kugomba kuba ari kumwe na kwa kuza k'Umukuru Nyiribihebyose kuvugwa muri Daniyeli 7:13, 14.

"Nuko abari biteguye binjirana na we mu bukwe: urugi rurakingwa." Umukwe amaze kwinjira mu bukwe, habaho gusuzuma abatumiye ngo barebe abiteguye kuboneka mu birori, dukurikije uko umugani wo muri Matayo 22: 1-13 ubivuga. Nk'ikintu gihurika mbere yuko ubukwe bubaho, Umwami arinjira akareba abatumiye, kugira ngo amenye neza ko bose bambaye neza umwenda w'ubukwe; kandi nyuma y'iri genzura, umuntu wese usanzwe yambaye uwo mwenda, kandi akemerwa n'Umwami, ntabwo azigera awutakaza nyuma yaho, ahubwo aba ahawe no kudapfa. Ariko iki kibazo cyo kuba umuntu akwiriye ubwami gishobora gusa gushimangirwa n'urubanza kagenzuzi rwo mu buturo.

Kubw'ibyo rero, uyu murimo uheruka w'ubuturo, ari wo kwezwa kubuturo no guhongerera, nta kindi uri cyo keretse gusuzumwa kw'abatumiye, kugira ngo harebwe abambaye umwenda w'ubukwe. Bityo rero, nta muntu ushobora guhamya abiteguye kujya mu bukwe abo ari bo

kugeza ubwo uyu murimo uzaba urangiye. “Abari biteguye binjirana na we mu bukwe.” Iyi mvugo ngufi ituvana ku gihe Umukwe yari aje mu bukwe, ikatunyuzwa mu gihe cyose cyo kwezwa k’ubuturo, cyangwa se gusuzumwa kw’abatumurwa. Igihe uyu murimo uzaba urangiye, igihe cyo kwemererwamo kizaba kirangiye, kandi urugi rw’imbabazi ruzakingwa.

Noneho isano iri hagati y’umugani n’ubutumwa turi gusuzuma iragaragara. Yerekana igihe cyo gutegura abatumurwa ngo babe babereye ubukwe bw’Umwana w’Intama, ari wo murimo w’urubanza ubutumwa butwereka igihe buvuga ngo: “igihe cyo gucira abantu urubanza kirasohoye.” Ubu butumwa bwagombaga gutangazwa mu ijwi riranguruye. Bwajyanye n’imbaraga yerekanwe itya hagati y’imyaka ya 1840 kugeza mu 1844, cyane by’umwihariko mu gihe cy’urugaryi rw’umwaka wakurikiyeho, butugeza mu iherezo ry’iminsi 2300, igihe umurimo w’urubanza wari utangiye, ubwo Kristo yari atangiye umurimo wo kweza ubuturo.

Nk’uko twarangije kubyerekana, ntabwo uyu murimo watugejeje ku gihe cyo kurangira kw’imbabazi. Ibiri amambu utugeza ku gutangira k’urubanza rw’igenzura. icyo gihe cy’urubanza ni cyo turimo muri iki gihe. Muri iki gihe, ari na cyo gihe cyarengurirwagaho, ubutumwa bw’urubanza buri guteguzwa abari mu isi yose. Muri iki gihe, ubutumwa bw’urubanza buri kubwirwa “amahanga yose, imiryango yose, indimi zose n’amoko yose, buvuga mu ijwi rirenga ngo mwubahe Imana muyihimbaze kuko igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye.” Ibyahishuwe 14: 6,7.

Mbere yuko tujya ku byo ubutumwa bwa marayika wa kabiri bwari bwibanzeho, nimureke tubanze turebe gato ku kamaro n’ubusobanuro buhanitse by’ukuri gutangaje kwahishuriwe hano ku buryo bwumvikana. Duhagaze ku rugabano rw’isi ihoraho. Ubutumwa buheruka bw’imbabazi z’Imana buri kujya mu mahanga yose, imiryango yose, indimi zose n’amoko yose. Ibintu bisozwa inama y’agakiza ubu biri kwemezwa mu buturo bwo mu ijuru. Bitekerezeho! Igihe cy’urubanza rw’Imana *kirasohoye*. Urubanza rw’igenzura rureba buri muntu wese kandi ruhita rukurikirwa no kuza kwa Yesu, ubu rurakomeje mu ijuru. Umwambaro w’ubukwe—(ari yo kanzu itagira ikizinga yo gukiranuka kwa Kristo)—yaguzwe igiciro kitarondoreka, ubu yateguriwe buri muntu wese uyakira. “Mbese bizatugendekera bite wowe nanjye umwami naza?” “Bana banjye bato, mbandikiye ibyo ngo mudakora icyaha. icyakora nihagira umuntu ukora icyaha, dufite umurengezi kuri Data wa twese, ari we Yesu Kristo ukiranuka.” 1 Yohana 2: 1.

UMURONGO WA 8 Marayika wundi wa kabiri akurikiraho ati “Iraguye, iraguye! Babuloni wa mudugudu ukomeye, wateretse amahanga yose inzoga ari zo ruba ry’ubusambanyi bwawo.”

Ubutumwa bwa Marayika wa Kabiri.—Ku rwego runini, igihe cy’ubu butumwa gishimangirwa n’igihe cy’ubutumwa bwa marayika wa mbere. Ubwa mbere bubanziriza ubwa kabiri; ariko ubwa kabiri bwibanda ku minsi y’imperuka. Nubwo bimeze bityo, ubwa kabiri bugomba gutangwa

mbere yuko imperuka igera kubera ko nta kunyeganyega k'uburyo buvugwa hano gushoboka kuzabaho nyuma y'imperuka. Kubw'iyi mpamvu, ni umugabane wa rya tsinda ry'iby'iyobokamana ribaho mu minsi y'imperuka rirengurira mu buryo bwihariye ku kugaruka kwa Kristo.

Bityo rero umuntu yakwibaza ibibazo bikurikira: Ijambo "Babuloni" risobanura iki? Kugwa kwayo bivuze iki? Mbese kubaho mu buhe buryo? Ku bijyanye n'ubusobanuro bw'ijambo "Babuloni" ubwaryo, hari icyo twigira mu magambo y'ubusobanuro yongerewe ku Itangiriro 10:10 no mu gice cya 11:9. Intangiriro z'ubwami bwa Nimurodi zabaye Babeli, cyangwa Babuloni. Aho hantu hiswe Babuloni, bisobanurwa ngo "urudubi," kubera ko aho hantu Imana yahanyuranyirije indimi z'abubatsi b'umunara. Iri zina rikoreshe hano mu buryo bw'imvugoshusho kugira ngo berekane ikimenyetso gikomeye cy'umujyi wo mu gitabo cy'Ibyahishuwe, ahari rirengurira mu buryo budasanze ku busobanuro bw'ijambo n'ibihe iryo jambo ryavutsemo. Rikoreshe ku kintu runaka gishobora kwandikwaho iri jambo ngo "urudubi" nko kwerekana imiterere yacyo.

Hariho ibintu bitatu iri jambo rishobora gukoreshwaho. Ibyo bintu ni idini y'isi muri rusange ihakana Imana, itorero rya papa by'umwihariko, n'umujyi wa Roma. Mu gusuzuma aya magambo, reka tubanze twerekane icyo Babuloni itari cyo. Babuloni ntigarukiye ku Itorero Gatulika ry'i Roma. Kuba iri torero ari umugabane wigaragaza cyane mu migabane igize Babuloni ikomeye ntawe ubihakana. Ishusho yerekanwa mu Byahishuwe 17 isa n'aho yerekana by'umwihariko iryo torero. Nyamara izina [maraya] ufite mu ruhanga rwe izina ngo "Amayoberane, Babuloni ikomeye, nyina w'abamalaya n'ibizira byo mu isi," ryerekana indi miryango ifatanyije na ryo. Niba iri torero ari nyina, abakobwa be ni bande? Kuba aba bakobwa bavugwaho, byerekana ko hariho indi miryango y'iyobokamana yiyongera ku Itorero Gatulika na yo ikaba ari umugabane w'iki kimenyetso. Na none hagomba kubaho irarika rikorwa rifitanye isano n'ubu butumwa ngo "Bwoko bwanjye nimuwusohokemo." (Ibyahishuwe 18:1-4). Kubera ko ubu butumwa bushyirwa muri iki gihe, ni ba nta rindi torero ribumbiwe muri Babuloni keretse Gatulika y'i Roma, igikurikiraho ni uko ubwoko bw'Imana muri iki gihe buboneka mu materaniro y'iryo torero, bityo bukaba bugomba guhamagarirwa gusohokamo. Nyamara nta Muprotestanti ufite ubushake bwo kwemera uyu mwanzuro.

Ntabwo Babuloni ari umujyi wa Roma. Ingingo abemeza ko umujyi wa Roma ari Babuloni ivugwa mu Byahishuwe bishingikirizaho ni iyi: Marayika yabwiye Yohana ko umugore yari yabonye ari wa mujyi ukomeye utegeka abami bo mu isi, kandi ko imitwe irindwi y'inyamaswa ari yo misozi irindwi uwo mugore yicaraho. Hanyuma, kubwo gufata umujyi n'imisozi mu buryo busanzwe, bakabona ko Roma yubatswe ku misozi irindwi, ubusobanuro batanga bugahita buba Roma isanzwe.

Ihame ubu busobanuro bwubakiweho ni ukwibwira ko ubusobanuro bw'ikimenyetso bugomba buri gihe kuba ari ubusanzwe. Ubu busobanuro

buhita buta agaciro igihe bigaragaye ko rimwe na rimwe ibimenyetso bisobanurwa hakoreshejwe gusimbuza ibimenyetso ibindi bimenyetso, hanyuma bagasobanura ibyo bimenyetso bya kabiri. Ibi bishobora gukorwa mu buryo bworoshye. Mu Byahishuwe 11:3 tuhabona ikimenyetso cy'abahamya babiri. Umurongo ukurikiraho uravuga ngo: "Abo bahamya ni bo biti bya Elayo bibiri n'ibitereko by'amatabaza bibiri, bihagarara imbere y'umwami w'isi." Muri uru rugero, bivuzwe ko ikimenyetso cya mbere ari kimwe n'ikindi kimenyetso kiboneka ahandi kandi aho handi kikaba gisobanuye neza. Ni ko bimeze no muri uru rugero dufite. "Iyo mitwe irindwi ni yo misozi irindwi," kandi "wa mugore ni wa mudugudu ukomeye;" kandi ntibizaba bikomeye kwerekana ko imisozi n'umudugudu bikoreshejwe mu buryo bw'ibimenyetso. Ibitekerezo by'umusomyi byerekezwa kuri ibi bikurikira:

Tubwirwa mu Byahishuwe 13 ko umwe mu mitwe irindwi wari ukomeretse uruguma rwica. Kubera iyi mpamvu, uyu mutwe ntushobora kuba umusozi usanzwe, kuko byaba ari ubupfapfa kuvuga ko umusozi wakomeretse uruguma rwica.

Buri wose mu mitwe irindwi wari uriho ikamba. Aiko se ninde wigeze abona umusozi usanzwe wambaye ikamba? Biragaragara ko imitwe irindwi igenda isimburana ukurikije gahunda y'igihe, kubera ko dusoma ngo: "Abatanu baraguye, umwe ariho undi ntaraza." (Ibyahishuwe 17: 10). Nyamara imisozi irindwi Roma yubatsweho ntabwo ikurikirana, kandi byaba biteye urujijo guhuza iyi mvugo n'iyi misozi.

Dukurikije ibyanditswe muri Daniyeli 7:6, tukabigereranya na Daniyeli 8:8, 22, imitwe igereranywa n'ubutegetsu, kandi dukurikije ibyanditswe muri Daniyeli 2: 35, 44 ndetse no muri Yerehiya 51: 25, imisozi yerekana ubwami. Tugendeye kuri ibi bihamya, ubusobanuro busanzwe bw'amagambo ari mu Byahishuwe 17:9, 10 bukuraho umwijima wose: "Iyo mitwe irindwi ni yo misozi irindwi uwo mugore yicaraho, kandi ni yo bami barindwi." Bityo rero bizagaragara ko marayika asobanura ko imitwe ari imisozi, noneho agasobanura ko imisozi ari abami bakurikiranye. Ubusobanuro buvanwa ku kimenyetso kimwe bukajya ku kindi, bityo ubusobanuro bugatangwa n'ikimenyetso cya kabiri.

Dufatiye kuri iyi ngingo tugezeho, igukurikiraho ni ukubona ko umugore adashobora kwerekana umudugudu usanzwe, kubera ko umusozi uwo mugore yicayeho ari ikimenyetso, umudugudu usanzwe ntushobora kwicara ku musozi w'ikimenyetso. Na none kandi, Roma yari intebe y'ikiyoka kiri mu Byahishuwe 12, maze ikiyoka kiyiha inyamaswa. (Ibyahishuwe 13:2). Ni muri ubwo buryo yahindutse intebe ya ya nyamaswa; ariko rushobora kuba uruvange rumwe ruhuriye hamwe imvugoshusho nyinshi kugira ngo bireme intebe ya nyamaswa yicaraho, noneho umugore wicaye ku nyamaswa akaba arengurira ku kintu kimwe (ari cyo iyo nyamaswa).

Iyaba umudugudu wa Roma wari Babuloni ivugwa mu Byahishuwe, mbega ukuntu amagambo ari mu Byahishuwe 18:1-4 yaba adafite

ubusobanuro! Kubera ko muri uru rugero dufite, kugwa kwa Babuloni kwaba ari uguhanguka no kurimbuka k'umurwa, kukaba mu kuri kwaba ari ugukongorwa burundu n'umuriro, dukurikije ibiri mu murongo wa 8. Nyamara wite ku kintu kiba nyuma yo kugwa. Babuloni ihinduka "icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga byose bihumanye kandi byangwa." Mbese iki cyabaho gite ku mudugudu nyuma yuko uwo mudugudu urimbutse, yemwe ndetse umaze gukongorwa n'umuriro? Na none kandi nyuma yaho, humvikana ijwi rivuga ngo "Bwoko bwange nimuwusohokemo." Mbese ubwoko bw'Imana bwose buri muri Roma?—Ntabwo ari byo rwose. Mbese ni bangahe twibwira ko barimo, bakaba bahamagarirwa gusohokamo nyuma yuko uwo muji ukongorwa n'umuriro? Si ngombwa kongeraho byinshi kugira ngo twerekane ko Babuloni idashobora kuba umujyi wa Roma.

Mbese Noneho Babuloni Isobanura Iki?—Babuloni isobanura itorero rikwiriye ku isi yose kandi rirangwa n'imigirire y'ab'isi. Nyuma yo kubireba, Babuloni ntishobora kuba kimwe muri bya bintu bibiri bishoboka iri jambo rishobora gukoreshwaho. Igomba kuba isobanura iki tuvuze. Nyamara ntabwo turekwa ngo tugumye gutekereza muri ubu buryo kuri iyi nsanganyamatsiko. Babuloni yitwa "umugore." Umugore iyo akoreshejwe nk'ikimenyetso aba asobanura itorero. Umugore wo mu Byahishuwe 12 yasobanuwe ko ari itorero. Nta gushidikanya umugore wo mu Byahishuwe 17 akwiriye gusobanurwa ko asobanura itorero. Imiterere y'umugore yerekana imiterere y'itorero ashushanya. Umugore wiyubaha ahagarariye itorero ritunganye, naho umugore wiyandarika agashushanya itorero ridatunganye, itorero ryahakanye kwizera. Umugore werekana Babuloni we ubwe ni maraya, akaba na nyina w'abakobwa bameze nka we. Uko ibintu biri, kimwe n'izina ubwaryo, bigaragaza ko Babuloni itagarukira ku muryango umwe w'iyobokamana, ahubwo igomba kuba igizwe na myinshi. Igomba kuba ihuriye hamwe iyindi yose bimeze kimwe, maze igahagararira itorero ryo ku isi ryangiritse mu mico kandi ryahakanye kwizera. Ahari ibi bisobanura amagambo ari mu Byahishuwe 18:24, byerekana ko igihe Imana izaba iryoza Babuloni ikomeye amaraso y'abo yishe, muri yo hazaboneka "amaraso y'abahanuzi, n'ay'abera ndetse n'ay'abantu bose biciwe mu isi.

Mu binyejana byinshi, buri gihugu cyo mu Burayi cyabaga gifite idini ya Leta mu buryo bufatika, kandi byinshi muri ibyo bihugu kugeza magingo aya bifite iyobokamana rishinze imizi, kandi rirwanya abatavuga rumwe na ryo. Babuloni yasindishije amahanga yose ikoresheje inzoga ari zo busambanyi bwayo; ni ukuvuga, inyigisho z'ibinyoma. Kubw'ibyo rero, nta kindi yashushanya kitari idini rikwiriye ku isi yose kandi rirangwa n'imigirire y'ab'isi.

Umurwa ukomeye wa Babuloni ugizwe n'imigabane itatu. Bityo, amadini yo mu isi yose ashobora gutondekwa muri iyi migabane itatu. Irya mbere ari na ryo rikuru mu myaka, rikaba rikwiriye hose ni ubupagani. Iri dini ritandukanye n'ayandi kandi rishushanywa n'ishusho y'ikiyoka. Irya kabiri ni ubuhakanyi bukomaye bw'Ubupapa, bukababushushanywa

n'inyamaswa. Irya gatatu ni abakobwa, cyangwa urubyaro rukomoka kuri rya torero, rishushanywa n'inyamaswa ifite amahembe abiri, nubwo iryo dini ritababumbiye hamwe bose. Intambara, gutoteza, kwishushanya n'isi, imigenzo y'idini, gusenga mamoni, kwikurikirira ibinezeza, no kugundira amakosa menshi kw'itorero Gatulika ry'i Roma, mu buryo buteye agahinda ariko bw'ukuri rwose, bigaragaza umuryango munini w'amatorero ya Giprotetanti nk'umugabane umwe mu migabane igize iyi Babuloni ikomeye.

Kureba gato ku buryo bumwe na bumwe itorero ry'Abaprotetanti ryitandukanyije bizarushaho kwerekana ibi. Igihe Roma yari ifite ububasha, yishe abantu benshi mu bo yabaga yafatiye ibyemezo ko ari abayobe. Ubuprotetanti na bwo bwerekanye umwuka nk'uwo. Nimwitegereze gutwikwa kwa Michael Servetus atwitswe n'Abaprotetanti b'i Geneve bari bayobowe na Yohana Kaluvini [John Calvin]. Nimurebe itotezwa ryamaze igihe kirekire rikorwa n'Itorero ry'Ubwongereza barikorera abataravugaga rumwe na bo. Itegereze kumanikwa kw'abizera b'abayoboze ba Quaker no gukubitwa ibiboko kw'Ababatisita bikoze n'abayobozi b'itorero bashikamye bo muri New England [muri Amerika], kandi na bo bari impunzi zahunze Itorero ry'Ubwongereza. Nyamara bamwe bashobora kuvuga ngo: "Ibi ni ibintu byo mu gihe cya kera." Ibyo ni ukuri koko. Nyamara byerekana ko igihe abantu bategekwa n'urwikekwe rukomeye rushingiye ku idini baba bafite ububasha bwo gutegekesha igitugu abatavugaga rumwe na bo, ntibashobora kwibuza kubukoresha—kandi uku ni ko ibintu dutegereje muri iki gihugu bizaba bimeze mu gihe cyo gusohozwa k'ubuhanuzi buheruka bwo mu Byahishuwe 13.

Bwari ubushake bwa Kristo ko itorero rye riba umwe. Yasabiye abigishwa ngo babe umwe nk'uko We na Se bari umwe; kubera ko iki ari cyo cyajyaga guha imbaraga ubutumwa bwiza, kandi kigatuma abari mu isi bamwizera. Aho kugira ngo ibi bibeho, reba urudubi ruri mu bihugu bya giprotetanti, reba insika zibagabanyamo imiryango myinshi, indangakwemera nyinshi zivuguruzanya nk'uko indimi z'abatataniye ku munara w'i Babeli zari zimeze. Ntabwo Imana ari Yo nkomoko y'ibi byose. Uku kuntu ibintu bimeze ni cyo ijamba "Babuloni" risobanura nk'ijamba ryerekana imiterere y'ikintu. Biragaragara ko rikoresheya muri uyu mugambi, bityo ntirikoresheya nk'ijamba ryo kunenga. Aho kugira ngo abantu barakazwe no kwiyumvamo ko batanezerewe igihe iri jambo rikoreshejwe, ahubwo bari bakwiriye gusuzuma umwanya bahagazemo, bakareba niba mu kwizera cyangwa mu migirire yabo nta cyo umutima ubashinja cyo kuba bafatanyije n'uyu mudugudu ukomeye w'urudubi.. Niba ari uko bimeze, bakwiriye kwitandukanaya nayo batajuyaje.

Itorero ry'ukuri ni umugore wirinda. (2 Abakorinto 11:2). Itorero ryifatanya n'ab'isi bakagirana ubucuti ni maraya. Iyi sano itemewe rigirana nabami bo mu isi ni yo irihindura maraya ukomeye uboneka mu Byahishuwe. (Ibyahishuwe 17). Uku ni ko Itorero ry'Abayuda ryashyingiranywe n'Uwiteka bwa mbere (Yeremiya 2:3; 31:32), hanyuma

rikaza guhinduka maraya (Ezekiyeli 16). Igihe iri torero ryahakanaga Imana, ryiswe Sodomu (Yesaya 1), nk'uko uyu "mudugudu ukomeye" (Babuloni) ari ko witwa mu Byahishuwe 11. Uku kwihuza n'isi kutemewe ari ko gutuma Babuloni ihamwa n'icyaha, ni ikimenyetso nyacyo cyerekana ko Babuloni atari ububasha bwa Leta. Kuba ubwoko bw'Imana buri muri yo mbere gato y'uko irimbuka, ni igihamba cy'uko ari umuryango wiyita ko ari uw'abihayimana. Kubera izi mpamvu, biragaragara ko Babuloni yo mu Byahishuwe ari *itorero ryihuje n'isi*.

Iraguye Babuloni.—Kugwa kwa Babuloni na ko kurasaba ko tuguhugukira. Nyuma yo kwiga ibigize Babuloni, ntabwo biri budukomerere kwemeza icyo amagambo avuga ko Babuloni iguye asobanura. Kubera ko Babuloni atari umurwa usanzwe, kugwa kwayo ntigushobora kuba guhanguka k'umurwa usanzwe. Twarangije kubona urujijo ibi bishobora guteza. Hejuru y'ibyo, ubuhanuzi ubwabwo bukomeza kwerekana itandukaniro rigaragara neza hagati yo kugwa no kurimbuka kwa Babuloni. Babuloni "igwa" mbere yuko "ijugunywa hasi mu mbaraga nk'uko urusyo rujugunywa mu nyanja, ndetse no "gukongorwa burundu n'umuriro." Ku bw'ibyo rero, kugwa kuvugwa ni ukugwa mu by'umwuka, kubera ko nyuma y'uko kugwa, humvikana ijwi ribwira ubwoko bw'Imana bugifitanye isano na yo ngo "Bwoko bwange nimuwusohokemo." Uwo mwanya hahita hatangwa impamvu ngo "kugira ngo mwe gufatanye n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo." Kubw'ibyo rero Babuloni iracyari mu cyaha, kandi ibyago byayo biracyari mu gihe kizaza nyuma yo kugwa kwayo.

Abavuga ko Babuloni isobanura ubupapa gusa, basobanura ko kugwa kwa Babuloni ari ugutakaza ububasha bwa gisivile kw'itorero ry'ubupapa. Kubwo kurimbuka kwa Babuloni, ihinduka aharindirwa imyuka mibi n'ibisiga byose bihumanye. Nyamara ibyo si byo byabaye ingaruka yo gutakaza ubushobozi bw'ububasha bwa gisivile kwa Roma.

Ubwoko bw'Imana buhamagarirwa gusohoka muri Babuloni bitewe no kwiyongera ko gukiranirwa kwayo nk'ingaruka yo kugwa kwayo. Nyamara gutakaza ububasha bw'igihe gito k'ubupapa ntabwo kwaba indi mpamvu ituma ubwoko bw'Imana bukwiriye gusohoka muri iryo torero.

Babuloni igerwaho no kugwa mu bya Mwuka kuko "yateretse amahanga yose inzoga ni zo ruba ry'ubusambanyi bwawo." Hariho ikintu kimwe rukumbi ibi bishobora kurenguriraho, kandi icyo ni inyigisho z'ibinyoma. Yangije ukuri gutunganye kw'ijambo ry'Imana, maze isindisha amahanga imigani inezeza abayumva.

Mu ishusho y'ubupapa, Babuloni yakuyeho ubutumwa bwiza maze ibusimbuza uburyo bupfuye bwo kubona agakiza:

Binyuze mu nyigisho yo *Kudasamanwa Icyaha*, Babuloni ihakana ko muri Kristo Imana yambaye umubiri w'umuntu.

Babulobi yashatse uburyo yashyira ku ruhande umurimo w'ubuhuza wa Kristo, maze ishyiraho ubundi buryo bw'ubuhuza mu cyimbo cyawo.

Yagerageje gukuraho ubutambyi bwa Yesu ibusimbuza ubutambyi bwo ku isi.

Yashyizeho ko agakiza gashingiye ku kwaturira ibyaha umuntu upfa, bityo muri ubwo buryo itandukanya umunyabyaha na Yesu, kandi muri Yesu honyine ariho umuntu ashobora kubonera imbabazi z'ibyaha bye.

Babuloni iciraho iteka inzira y'agakiza kaboneka kubwo kwizera ikayita "ubuyobe buciriweho iteka," maze igasimbuza ubwo buryo agakiza gashingiye ku mirimo.

Igikorwa cyabwo cyo gutuka Imana gisumba ibindi ni inyigisho ivuga ko umugati na divayi bihinduka umubiri n'amaraso bya Yesu, cyangwa igitambo cya misa kivugwa ko ari "kimwe neza neza n'icyatangiye ku musaraba" kandi mu "buryo runaka" kikavugwa ko "gitanga amahirwe aruta ar'icy'i Kaluvari," kubera ko "umurimo wo gucungurwa kwacu ukorwa" binyuze muri cyo.

Mu mahame Babuloni yigisha kandi zinyuranyije n'ijambo ry'Imana, umuntu yavugamo izi zikurikira:

1. Gufata imigenzo n'ijwi ry'itorero nk'ibintu biyobora abantu mu buryo budashobora kwibeshya, maze bakabisimbuza Bibiliya.
2. Guhindura Isabato yo mu itegeko rya kane, umunsi wa karindwi, maze mu cyimbo cyayo bakahashyira umunsi mukuru wo ku Cyumweru ugafatwa nk'umunsi w'ikiruhuko w'Umwami, n'urwibutso rwo kuzuka kwe, urwibutso rutigeze rutegekwa, kandi bikaba bidashoboka ko rwakwibutsa mu buryo bukwiriye icyo gikorwa cyabayeho. Icyumweru nk'umunsi wakomotse ku bupagani "umunsi w'ikiruhuko bahimbazagaho izuba mu bihe byose bya gipagani" wahawe isumbwe na papa, kandi wakoreshejwe bwa mbere nka gahunda yashyizweho n'itorero ribwiriza ubutumwa bwiza. Ni muri ubwo buryo habayeho kugerageza kurimbura urwibutso Imana Ikomeye yashyiriyeho kwibutsa umurimo wayo ukomeye wo kurema, maze hahashyirwaho urundi mu cyimbo cyarwo kugira ngo bizihize kuzuka kwa Kristo, nyamara bitari bukwiriye kubera ko Umwami Yesu Kristo ubwe yari yarashyizeho urwibutso rw'icyo gikorwa binyuze mu mubatizo wo kwibizwa mu mazi.
3. Inyigisho yo kudapfa k'ubugingo. Iyi na yo yakomotse mu bupagani, noneho "Abakurambere b'itorero" bahinduka aba mbere mu gushimangira iyi nyigisho iteye akaga bahamya ko ari umugabane umwe w'ukuri kw'Imana. Iki kinyoma gihindura ubusa inyigisho ebyiri zikomeye zo mu Byanditswe Byera ari zo umuzuko n'urubanza rusange, maze kigakingurira urugi inyigisho zo kwizera imyuka y'abapfuye zigezweho. Iyi nyigisho yakomotsweho n'izindi nyigisho mbi, nk'inyigisho ivuga ko abapfuye bakomeza gutekereza, gusenga abatagatifu, inyigisho yo kwambaza Mariya, purigatori, guhabwa

ingororano igihe cyo gupfa, gusengera no kubatirizwa abapfuye, kubabazwa kw'iteka, ndetse n'agakiza k'abantu bose bazahabwa.

4. Inyigisho ivuga ko abatagatifu, nk'imyuka itandukanyijwe n'umubiri, babonera umurage wabo ahantu kure, utabona uko usobanura, hirya ahantu hataba "ibihe" ndetse hirya y'ikirere." Ni muri ubwo buryo abantu batagira ingano bayobejwe bakava mu myumvire y'Ibyanditswe byera ivuga ko iyi si ya none izarimburwa n'umuriro ku munsu no kurimbuka kw'abatubaha Imana, kandi ko ijwi ry'Ishoborabyose rizarema isi nshya riyivanye mu ivu ry'isi ishaje, maze ikazaba ubwami buhoraho bw'ubwiza, bukazahabwa abera nk'umurage wabo w'iteka ryose.
5. Gutonyangiriza amazi ku mutwe w'ubatzwa aho kumwibiza mu mazi, ari na byo mubatizo rukumbi wemewe n'Ibyanditswe byera, kandi ukanaba n'urwibutso rukwiriye rwo kwerekana gupfa no kuzuka k'Umwami wacu, ari na cyo uyu mubatizo washyiriweho kwerekana. Ku bwo guhindanya uyu muhango no kuwurimbura nk'urwibutso rwo kuzuka kwa Kristo, hateguwe inzira yo kuwusimbuza ikindi kintu kubw'iyi mpamvu—ari cyo kuruhuka ku Cyumweru.
6. Inyigisho ivuga ko kugaruka kwa Kristo ari mu buryo bw'umwuka, bitari igikorwa gisanze kigaragara, kandi ko cyasohojwe mu kurimbuka kwa Yerusalemu, cyangwa kikaba gisohozwa mu guhinduka k'umuntu, iyo apfuye, cyangwa mu myuka y'abapfuye. Mbega ukuntu ubwenge bw'abantu benshi bwakingiraniwe kure yo kumenya imyumvire y'Ibyanditswe byera ivuga ko kugaruka kwa Yesu ari igikorwa gisobanutse neza kizabaho mu gihe kizaza, kigaragara, akazaza ari umuntu, buri wese akazamubona; kandi ingaruka yacyo ikazaba ko abanzi be bose bazarimburwa, kandi ubwoko bwe bwose bukazahabwa ubugingo buhoraho!
7. Inyigisho y'ikinyagihumbi kizarangwa n'amahoro n'ituze no gukiranuka kw'abantu bose ku isi mbere yo kugaruka kwa Kristo. Iyi nyigisho ishyigikirwa by'umwihariko kugira ngo izibe amatwi y'abantu ngo batabasha kubona ibihamba cyangwa ibimenyetso byo kugaruka kwe kwegereje, kandi byanze bikunze iyi nyigisho izagusha abantu benshi mu mutuzo nyamara bibereye mu bikorwa bya kamere bityo bizabageze ku kurimbuka kwabo guheruka, kimwe n'ubundi buyobe bwose bwahimbwe n'umwanzi w'ukuri.

Icyo Kugwa kwa Babuloni Gusobanura.—Kugira ngo tugere by'umwihariko ku busobanuro bw'ubuhanuzi buvuga ibyo kugwa kwa Babuloni, nimutyo turebe uburyo abanyamadini bifashe ku biyanye n'uko impinduka nk'iyi yashoboraga kubaho ubwo igihe cyari kigeze hakabwirizwa ubu butumwa bwa kabiri bufitanye isano n'ubwa mbere ahagana mu mwaka wa 1844. Mu ntangiriro, ubupagani ni bwo bwonyine bwari mu buhakanyi no kwangirika kw'imico, kandi na n'ubu ni ko buri. Aho ntihashobora

kuvugwa ibyo kugwa mu bya Mwuka. Ubugatulika bw'i Roma bwari busanzwe bwaraguye mu binyejana byinshi byari bishize. Nyamara amatorero y'Abaprotestanti yari yaratangiye umurimo ukomeye w'ubugorozi bitandukanya no kwangirika kw'imico y'ubupapa, kandi bari barakoze umurimo w'igikundiro. Mu magambo make, bari bari mu mwanya byabashobokera kugwa mu buryo bwa Mwuka. Kubw'ibyo rero, umwanzuro udashobora kunyurwa ku ruhande ni uko ubutumwa butangaza ibyo kugwa bisa n'aho bwarenguriraga ku matorero y'Abaprotestanti gusa. Ubwo rero ikibazo gishobora kubazwa ku mpamvu ubutumwa butatanze mbere niba umugabane munini ugize Babuloni wari umaze igihe kirekire waraguye. Igisubizo kiri hafi: Babuloni uko yakabaye ntiyari kuvugwa ko yaguye mbere hose, mu gihe hari hakiri umugabane wayo utaragwa. Ku bw'ibyo rero ntibwashoboraga gutangazwa kugeza igihe impinduka mbi igeze ku Baprotestanti, kandi ukuri ko nzira rukumbi yo kujya mbere kukagambanirwa. Igihe ibi byari bimaze kubaho, ndetse kugwa mu by'umwuka kw'iri shami rya nyuma kukabaho, ubwo ni bwo gutangaza ibya Babuloni yose uko yakabaye ngo "iraguye Babuloni" byashoboraga gukorwa, kuko bitashoboraga kuba byarakozwe mbere.

Birashoboka na none ko byaba bikwiriye kongera kubaza uburyo impamvu yatanze yo kugwa kwa Babuloni—(ya yindi ngo yateretse amahanga yose inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi bwayo)—ishobora guhuzwa n'Abaprotestanti muri kiriya gihe. Igisubizo ni iki: Iyi mpamvu ishobora guhuzwa n'Abaporotesitanti mu buryo buhura na bo rwose. Ikosa rya Babuloni rishingiye mu kunyuranya inyigisho zayo z'ibinyoma n'ukuri. Kubera ko izikwirakwiza mu buryo bw'ubucakura, ikazihambiraho mu gihe umucyo n'ukuri byagombye kubakosora biramutse bitanzwe; Babuloni iri mu mwanya wo kuba yaraguye rwose.

Ku byerekeye amatorero y'Abaprotestanti, igihe cyari cyaraje kugira ngo bajye mbere bagere ahantu hirengeye mu bya Mwuka. Bashoboraga kwemera umucyo n'ukuri, maze bakagera ku rwego ruri hejuru, cyangwa se bakabyanga, maze bakazimiza iby'umwuka byabo n'urukundo bakundwaga n'Imana, cyangwa se mu yandi magambo, bakegerwaho no kugwa mu bya Mwuka.

Ukuri Imana yabonaga ko gukwiriye gufatwa nk'igikoresho muri uyu murimo bwari ubutumwa bwa marayika wa mbere. Igihe cyo gucira abantu urubanza kirasohora, kandi kikajyana no kugaruka kwa Kristo kudakuka. Ibi ni byo byari ubutumwa bwabwirijwe. Nyuma yo gutega amatwi bihagije kugira ngo barebe umugisha wagendanaga n'iyo nyigisho, n'ingaruka nziza zaturukaga muri yo, amatorero nk'ikintu kimwe cyuzuye yaryanze, arayisuzugura kandi arayikwena. Aho barahageragerejwe kubera ko icyo gihe berekanye ku mugaragaro ko imitima yabo yari kumwe n'ab'isi, ntabwo yari kumwe n'Uwiteka, kandi akaba ari ko bifuzaga ko imera.

Nyamara ubutumwa bwari kuba bwaravanyeho ibibi byari biri mu matorero muri icyo gihe. Wenda umuhanuzi yariyamiriyeye atangaye ati:

“Twari gukiza i Babuloni, ariko ntibyashobotse.” (Yeremiya 51:9). Mbese urabaza uburyo tubasha kumenya ko uyu ari wo wari kuba umusaruro wo kwakira buriya butumwa? Turagusubiza tuti: “Kubera ko uyu ari wo wabaye umusaruro ku babwakiriye mu kuri bose. Bavuye mu matorero atandukanye, insika zibatandukanya zishingiye ku madini yabo ziraringanizwa; indangakwemera zivuguruzanya ziramenagurika zihinduka ivu; ibyiringiro bitaboneka mu Byanditswe bivuga ko hazabaho imyaka igihumbi y’amahoro mbere yuko Yesu agaruka birarekwa; imyumvire ipfuye ku byo kugaruka kwa Kristo irakosorwa; ubwibone no kwisanisa n’ab’isi birayoyoka; abahemukiye abandi babasaba imbabazi; imitima ihuriza hamwe mu mushyikirano unejeje; maze urukundo n’ibyishimo birabasaba. Niba iriya nyigisho yarakoreye ibi abantu bake bayakiriye, yari no kubikorera bese iyo baza kuyakira, nyamara ubutumwa bwaranzwe.

Ahantu hose mu gihugu bateye amajwi hejuru ngo “Babuloni iraguye,” kandi bitewe n’ibyo iri tsinda ryari ryiteze nk’uko bigaragara mu Byahishuwe 18:1-2, ababwirizaga ubutumwa bongeyeho aya magambo ngo “Bwoko bwanjye nimuwusohokemo.” Ingaruka y’ibi ni uko abantu ibihumbi byinshi baciye isano bari bafitanye n’amatorero atandukanye.

Impinduka igaragara yaje kuri ayo matorero mu rwego rwayo rw’ibya mwuka. Iyo umuntu yanze umucyo, aba yishyize mu mwijima; iyo yanze ukuri, ntabasha kwibuza kwiremera iminyururu y’ibinyoma yo kwibohesha amaguru n’amaboko. Gutakaza ibya Mwuka—ari ko kugwa mu by’umwuka—ni ko kugomba gukurikiraho. Ibi ni byo amatorero yahuye na byo. Bahisemo guherera mu ruhande rw’ibinyoma bya kera, kandi bakomeza gukwiza mu bantu inyigisho z’ibinyoma. Ku bw’ibyo rero, umucyo w’ukuri wabavuyeho.

Abantu bamwe bagezweho n’iyo mpinduka ntibayikunda. Hari ibihamya dukeshya abanditsi babo byerekana uko bari bamerewe muri icyo gihe.

Mu mwaka wa 1844, ikinyamakuru cyitwa *Christian Palladium* (Umurengezi w’Abakristo) cyavuze amagambo ababaje akurikira: “Muri buri cyerekezo twumva ijwi rurimo uburibwe, ryumvikana buhoro kuri buri ruhande rw’ijuru, riteye ubwoba nk’umuyaga uvuye ku rubura rwo mu majyaruguru, rigaturiza hamwe nk’umwuka mubi uguye ku ibere ry’umunyabwoba, rikayoyora imbaraga z’umunyantegenke, ka kazuyaze, bya bice, kwa gutwaza igitugu, no kurimbura bihagaritse imitima abo ku ngabano z’i Siyoni.”³⁵²

Mu mwaka wa 1844 Ikinyamakuru cyitwa *Religious Telescope* (Imboneshakure y’Iyobokamana) cyakoresheje iyi mvugo ngo: “Nta na rimwe twigeze tugira gucogora mu by’iyobokamana nk’uko dufite muri iki gihe. ... Igihe twibutse ukuntu ingero zo kwihana nyakuri ari nke kandi zikaba zitagerwaho mu buryo bworoshye, no kutihana gusa n’aho nta kundi wakugereranya na ko ndetse no kwinangira imitima kw’abanyabyaha,

352 “The Remedy,” *Christian Palladium*, May 15, 1844, p. 409.

twenda gutangara tutabishaka tuti 'Mbese Imana yibagiwe kuba inyambabazi? Cyangwa urugi rw'imbabazi rurakinze?'³⁵³

Ahagana muri icyo gihe, inyandiko z'iby'iyobokamana zitangariza abantu kwiiriza ubusa no gusengera kugaruka kwa Mwuka Wera zoherezwaga hirya no hino. Yemwe n'ikinyamakuru cyitwa *Philadelphia Sun* (Izuba ry'i Filadelfiya) mu kwezi k'Ugushyingo, 1844, cyanditse aya magambo akurikira kiti: "Abanditsi, abagabura n'abizera bo mu madini atandukanye bo muri Filadelfiya no mu nkengero zayo, bizera ku mugaragaro ko 'ibimenyetso by'ibihe' byo muri iyi minsi — (inzara yo mu by'umwuka iri mu matorero yacu muri rusange n'ibibi bikabije biri mu isi y'ahatuzengurutse)—bisa n'ibihamagarira abakristo bose gufata ibihe by'amasengesho. Kubw'ibyo rero turemeranya ko, Imana nibishaka, tugomba guhurira hamwe mu cyumweru kidasanze cy'amasengesho tugasaba Imana Ishoborabyose kusuka Mwuka We Wera ku mujyi wacu, igihugu cyacu, ndetse n'isi."³⁵⁴

Umubwiriza uzwi cyane witwa Charles G. Finney, muri Werurwe 1844 yaravuze ati: "Twagize ibihamya imbere y'amaso yacu ko amatorero y'Abaprotestanti yo mu gihugu cyacu muri rusange atari yishimye cyangwa se akaba yari arakaye ku bw'amavugurura hafi ya yose yagiye aba muri iki gihe. Hari make gusa atari ameze atyo, ariko rero ntabwo ahagije ngo tuvuge ko ikibazo kitari rusange. Na none dufite ikindi gihamya kibishyigikira ari cyo "kubura kw'imbaraga ihindura y'ububyutse mu matorero hafi mu isi yose." Kwanga iby'umwuka bisa n'ibikwiriye hose, kandi ni kwinshi mu buryo buteye ubwoba; uko ni ko ibinyamakuru by'amadini bitubwira. ... *Amatorero muri rusange ari kugenda atakaza imbaraga mu buryo buteye agahinda*. Yagiye kure y'Uwiteka, none na we yavuye muri yo."

Mu kwezi k'Ugushyingo mu 1844, ikinyamakuru cyitwaga *Umubwirizabutumwa w'i Oberilini* (*Oberlin Evangelist*) cyanditse mu ngingo nkuru yacyo kigira kiti:

"Byinshi mu binyamakuru byacu birabinenga, ndetse byose bihamya ko ububyutse bwahagaze mu matorero yacu. Hashize igihe kinini uherye igihe inzara muri rusange yatangiraga. Hari ububyutse bukomeye mu bya politiki, kandi burimo ishyamba muri buri rwego rw'imirimu: ariko ndebera! Ukudohoka n'urupfu byicaye nk'umwuka mubi wicaye mu gituzo cy'umurimo wa gikristo n'urukundo rwera bakunda Imana n'imitima y'abantu. Ishusho yo kwera y'idini irahari, imirimu y'akamenyero y'inshingano yo ku Isabato irakomeje: nyamara bya 'bihe by'ububyutse byo kuba imbere y'Uwiteka' aho ubwoba butungura indyarya, umunyabyaha akemezwa mu mutima we, maze imitima yicishije bugufi ikizirika ku masezerano, nuko bagakirana bakoresheje imbaraga kugira ngo imitima

³⁵³ "Great Spiritual Death," *Religious Telegraph*, December 4, 1844, p. 76.
³⁵⁴ *Philadelphia Sun*, November 11, 1844.

ihinduke, —(bene ibyo bihe bizwi gusa iyo babiteguraga ku buryo biba urwibutso runejeje),— ni ya minsi yahozeho ariko ikaba itakiboneka.”³⁵⁵

Amatorero ntiyajimije gusa iby’umwuka ku buryo bugaragara mu mwaka wa 1844, ahubwo uherye icyo gihe habayeho no gusubira inyuma kugaragara kandi kurakomeza.

Mu Gushyingo ko mu mwaka wa 1858, umuntu umwe mu bashyigikira ukwigenga kwa buri torero yaravuze ati: “Kubaha Imana kurimo ububyutse ko mu matorero nta bwo ari kwa kundi waheraho ngo uvugane icyizere ko ririho, ko ryemewe, kandi rikaba rifite imbuto zifatika. Nk’urugero, nyuma y’imigisha y’ubuntu nk’iriya, itorero ryagombye guhamya ridashidikanya ko ububiko bw’imiryango yacu ikora imirimo y’ubugiraneza bwuzuye ibikenerwa, nk’uko imigezi yuzura igasendera nyuma yo kugwa kw’imvura nyinshi. Nyamara abacungamutungo b’iyo miryango yacu bababajwe n’uburyo urukundo rwanyu n’ubufasha muha amatorero bufite intege nke.

“Hari urundi rugero ruteye agahinda rw’uku kuri rusange. Ikinyamakuru cyitwa *Watchman and Reflector* (Umurinzi n’indorerwamo) gisherutse gutangaza ko mu Babatisita hatigeze kubaho kwiganza k’ubwumvikane buke mu itorero nk’uko bigaragara muri iki gihe. ... Ndetse n’iyo umamye akajisho mu binyamakuru byo mu itorero ryacu byandikwa buri cyumweru, uzabona ko ikibi cyiziritse ku Babatisita.”³⁵⁶

Ikinyamakuru cy’Abametodiste cyari kizwi cyane, cyitwaga “*Umuvugizi w’Abakristo cyo muri Niyu Yoruke*” (the *New York Christian Advocate*), mu mwaka wa 1883 cyari gifite inkuru twakuyemo aya magambo akurikira:

“1. Ubihishe uko ushaka, itorero muri rusange ririmo gusubira inyuma mu bya Mwuka ku buryo bwihuse. Nubwo riri gukura mu mibare ndetse n’amafaranga akiyongera, riri kugenda riba irinyantegenke bikabije kandi iby’umwuka byaryo ntabwo byiyongera, haba ku ruhimbi ndetse no mu ntebe z’abizera. Rifite ishusho n’imiterere nk’iby’itorero ry’i Lawodokiya.

“2. ... Hari ibihumbi byinshi by’abagabura, mu matorero mato no mu makonferanse, n’ibihumbi byinshi by’abakorera bushake bapfuye kandi bakaba ari imburamumaro nk’ibiti by’imitini bitera imbuto. Ntacyo bakora byaba mu by’ubutunzi bw’igihe gito cyangwa ibya Mwuka ngo bateze imbere ubutumwa bwiza no gutsinda kwabwo ku isi yose. Iyaba aya magufwa yumye yo mu itorero ryacu n’abaza mu materaniro yayo yashoboraga kuzurwa kandi agakangurwa n’umurimo ufite imbaraga kandi wuzuye kwizera, mbega ukuntu imbaraga z’Imana zakwigaragaza kandi zigakwira hose!”³⁵⁷

Mu mwaka wa 1893, umwanditsi w’ikinyamakuru cyitwa “*Umuvugizi w’Umukristo wo mu Burengerazuba*” (*Western Christian Advocate*) yanditse aya magambo akurikira ku itorero rye:

355 “Revivals,” *Oberlin Evangelist*, November 20, 1844, p. 189.

356 “Breadth on Christian Culture,” *Congregationalist*, November 19, 1858, p. 186.

357 “The Greatest Question,” *New York Christian Advocate*, August 30, 1883, p. 549.

“Wandikire itorero ry’Abametodiste uti: ‘Akaga agakomeye dufite uyu muni, ni uko gukiza ubugingo burimbuka ari wo murimo wacu tugira uw’inyuma kandi tukaba ari wo duha agaciro gake kurusha iyindi. Amateraniro menshi yacu ateranywa hashingiwe ku miryango tubarirwamo. Ahindurwa amahuriro ya bene wacu bashobora kutwumva. Umuntu ahinduka umwe mu bagize itorero ngo abone abashyigikira ibitekerezo bye ku byerekeye imirimo akora cyangwa imyumvire ye mu bya politiki. Ababwiriza batumirwa ni

**“Abazi koroshya imirongo ikakaye ikumvikana yoroshye mu matwi,
Mu buryo bwiza akigizayo iby’urubanza ntibigaragare.’**

“Amateraniro yo ku Cyumweru yahindutse umwanya wo kwerekana iby’imirimbo n’imyenda igezweho. Ndetse n’abakiri bato barayobywa bakamera nk’aho ari abo gushyigikira ubwibone. Iyo amabwiriza asomwe, asomerwa gusa kumvira inyuguti yo mu mategeko amaze igihe kirekire atakirangwamo n’umwuka wayakoragamo. Ibitabo byandikwamo abigishwa byuzuye amazina y’abagabo b’abagore batahindutse. Abanyetorero bemewe ushobora kubasanga mu nzu z’urubyiniro, mu maduka bagurishirizamo imyambaro, no mu mazu y’imikino n’imyidagaduro. Abateranira ku ifunguro ryera baboneka no mu marushanwa, batanga kandi bagahabwa amakarita yo mu minsi mikuru y’ibirori kandi bakabyina. Itandukaniro hagati y’abari mu itorero n’abari hanze yaryo ryarijimyeye ku buryo iyo ubwiye abantu ngo baze mu itorero baguseka, ndetse rimwe na rimwe bakatubwira ko babona abantu beza kurusha abandi hanze yaryo.

“Iyo tugiye mu misa, inshuro nyinshi cyane ni imirimbo ihenze y’ubwirasi tuhabona ku buryo ukwiyubaha kubajyana kure yacu.

“Nyamara kandi twakwirakwije hose ko igihe habayeho guta agaciro kw’abakire n’abatubaha Imana, tuba tubakeneye. Guha imbaraga ibaruwa idashobora kwibeshywaho y’ibirebana n’Ibihano [bihabwa abizera] mu mwaka umwe gusa, byashoboraga kugabanyamo kabiri abagize itorero ryacu, bigatuma umuryango wacu w’ibwirizabutumwa ubura amafaranga, insengero zacu zigezweho zigafunga imiryango, bigaca intege inyungu ziduhuriza hamwe, ndetse bigasiga abapasitoro bacu n’abakuru b’amatorero badahembwe kandi bahagaritse umutima. Nyamara ukuri ni uku, ikintu kimwe muri bibiri kigomba kubaho—Gucyaha ni cyo kigomba gukura amahage mu itorero, bitagenda bityo, Mwuka Wera w’Imana akajya gushakira abakozi bafite gahunda ahandi hantu. Ishoka ibanguriwe igishyitsi cy’igiti. Turahamagarirwa kwihana. Umurimo w’Imana ugomba gukorwa. Niba twitambika mu nzira, izatwigizayo.”³⁵⁸

Ikinyamakuru cyitwa “*New York Independent*” cyo ku wa 3 Ugushyingo, 1896, cyari gifite imwe mu ngingo zacyo yanditswe na D. L. Moody, twakuyemo aya magambo akurikira ngo:

³⁵⁸ *Western Christian advocate*, July 19, 1893, p. 456.

“Mu ngingo nshya yari yanditswe mu kinyamakuru cyawe nabonyemo ingingo imwe yanditswe n’umwe mu bafatanyaga na we kwandika wavuze ko mu materaniro n’imiryango ibihumbi bitatu by’Abapresibiteriyene biboneka muri iki gihugu, hatigeze habonekamo n’umuntu n’umwe wongerwa ku bizera muri uyu mwaka ushize. Mbese ibi bintu bishobora kuba ukuri? Iki gitekerezo cyandushije imbaraga ku buryo ntashobora kukirukana ngo kive mu bitekerezo byanjye. Iki gitekerezo kirahagije ngo nohereze inkuru y’inshamugongo mu mutima wa buri Mukristo nyakuri wese.

“Niba ibyo ari ko bimeze kuri aya matorero abiri manini, mbese ubwo bigomba kuba bimeze bite mu yandi matorero? Mbese tuzakomeza twicare tureke ibintu bikomeze bityo? Mbese ibinyamakuru byacu by’iyobokamana n’ababwiriza bo ku ruhimbi bazaceceka nk’imbwa z’ibiragi zidashobora kumoka’ ntibaburire abantu iby’akaga kegereje? Mbese twese ntidukwiriye kuzamura amajwi yacu nk’ikondera ku biyanye n’iki kibazo? Mbese Umwana w’Imana agomba gutekereza iki ku musaruro w’imirimo yacu umeze gutya? Mbese abatizera bashobora gutekereza iki ku bukristo budashobora kwera imbuto? Kandi se koko ntacyo twitayeho ku bugingo bw’abantu benshi buri kumanuka bujya mu irimbukiro mu gihe twiyicariye turebera? Kandi se iki gihugu cyacu kizaba kigeze he mu myaka icumi iri imbere, niba tudakangutse ngo tuve mu bitotsi?”³⁵⁹

Imiterere yo gutakaza imbaraga mu by’umwuka amatorero “yaguyemo” muri rusange nk’ingaruka yo kuba baranze ubutumwa bwa marayika wa mbere, yatumye bemera inyigisho z’ibinyoma kandi zangiritse. Mu mugabane wa kabiri w’ikinyejana cya 19 impinduka ikomeye yagombaga kuboneka mu nyifato y’abayobozi n’abantu bo mu matorero y’Abaprotestanti ku byerekeye inyigisho z’ibanze zo mu Byanditswe byera by’ukuri. Banze iz’ukuri maze bakira iz’ibinyoma. Inyigisho y’ihindagurika yakiriwe n’abayobozi b’amatorero benshi binyuze mu magambo y’umwanditsi umwe ukomeye w’iby’iyobokamana “yirukanye Umuremyi ajya hanze y’insengero.” Umuntu umwe w’umunyedini ushyigikiye iyo nyigisho yaravuze ati: “Isengesho ni umushyikirano wimbitse ngirana n’umuntu w’imberemuri jye dusangiye ubwoko.”

Ingaruka inyigisho y’ihindagurika zagize ku kwizera kw’amatorero ziragaragara cyane ku buryo rubanda bavugira ahantu hose uko ibintu bimeze. Umwarimu wigisha isomo ry’ubucurabwenge muri kaminuza ikomeye yaranditse ati:

“Muri iki gihe bisa n’aho imigenzo ngengamiko y’Abakristo bakomora ku Baheburayo, (ari wo mugabane wa kera kurusha iyindi wo mu murage wacu), uri kujanjugurikira imbere y’amaso yacu. ... Kwizera ibya siyansi (ubuhanga) byariyongereye birakomera, byigwizamo imbaraga, bishinga imizi mu iterambere ry’umuryango mugari w’abantu ku buryo benshi mu bayiyumvamo batakaje icyifuzo cyo kuyibangikanya n’ukundi kwizera. ...

359 Dwight L. Moody, “Those three Thousand Churches,” *New York Independent*, December 3, 1896, p. 1.

Umuntu wiringira siyansi igaragara kugira ngo abone uko asobanura ibiri mu isi nta mwanya abona wo gushyira iby'Imana mu bitekerezo bye. ... Imitekerereze isobanura ibishishikaje abantu by'ingenzi muri iki gihe ntibicyitaweho, nk'uko byari bimeze mu kinyejana cya cumi n'icyenda aho abantu baharaniraga kwizera Imana no kwizera ibyo kudapfa. Ibyo bitekerezo byarazimiye ntibyaba bigikoreshwa n'abantu badakebakeba bashaka gusobanukirwa n'isi. ... Amakimbirane ariho muri iki gihe hagati yo kwizera iby'iyobokamana na siyansi ntabwo akiri ubusobanuro bwa gihanga busobanura isi, ahubwo ni ubusobanuro bw'iyobokamana bushingiye kuri siyanse/ubuhanga. Ingaruka nyakuri ihindagura ibintu kwizera gushingiye kuri siyansi kugira ku iyobokamana muri iki gihe, ntabwo ari uburyo bushya siyansi ibonamo isanzure, ahubwo ni uburyo bwayo bushya ibonamo iyobokamana."³⁶⁰

Ubwo buryo bushya bwo kubonamo iyobokamana, buvugwa mu magambo y'ukuri yavuzwe n'umuvugizi w'imyumvire igezweho yo kwishyira ukizana muri aya magambo:

"Abaprotestanti bishyira bakizana baretse kwizera ko gushimangira ko imvugo ya Bibiliya idashobora kwibeshya."³⁶¹ "Twizera ko Yesu yari umuntu, ntabwo yari ikiremwa gifite kamere iruta iy'abantu ngo abe atandukanije agaciro n'abantu. Twizera ko yavutse mu buryo busanzwe, kandi ko yahuye n'ibibazo n'ingorane zo mu buzima akaba atari afite imbaraga zo mu ibanga z'ububasha bukora ibitangaza. ... Kuri twe, urupfu rwa Yesu, muri kamere yarwo, ntaho rutandukaniye n'urw'abandi bantu b'intwari."³⁶² "Muri iki gihe kwizera kwa kera kuvuga yuko Yesu azongera kugaragara mu kirere, agatangiza urubanza rw'abari mu isi ruteye ubwoba, agaciraho Satani n'abadayimoni iteka ryo kujya muri gihenommu, maze akajyana abamarayika n'abakristo muri Paradizo, kwataye agaciro maze kureka kwemerwa ndetse no kugira imbaraga mu myemerere y'Abakristo benshi mu isi. Ahubwo kwasigaye ari inyigisho ikunzwe n'abantu bake. Iyo umuntu wo muri iki gihe yemeye ibyo abanyamateka bamubwiye ku byerekeranye n'igihe isi yaba imaze ibayeho, kandi akemera ibyo abahanga mu bya siyansi bamubwira ku bijyanye na kamere y'urugendo rw'ihindagurika, ntashobora kwizera ko hazigera habaho ikintu gitangarirwa nk'imperuka y'ibikorera mu isi, nka ya yindi abakristo ba mbere bizeraga ko igomba kubaho muri iki gihe."³⁶³ "Turatekereza gufata zimwe mu ngingo zifite agaciro zo mu Bukristo bwo mu minsi ya kera, tukazihuriza hamwe n'imyizerere y'iby'iyobokamana n'imyumvire igenga imyitwarire myiza yabonetse muri ibi bihe bya vuba, maze muri iyi shusho y'uruvange tukarema ishusho nshya y'ubutumwa Abakristo bagomba kwigisha. Mu by'ukuri twemera ko ubutumwa bwiza atari "ubutumwa bwiza bushaje" nta nubwo ari ingeri yahinduwe y'ubutumwa bwa kera bubwirizwa ku ruhimbi rw'abadashaka

360 John Herman Randall, "The Forces That are Destroying Traditional Beliefs," *Current History*, June, 1929, pp. 359-361.

361 James Godon Gilkey, *A Faith to Affirm*, p. 3. By a permission of Macmillan Company, publishers.

362 *Ibid.*, pp. 9, 10.

363 *Ibid.*, p. 24.

impinduka. Twatuye n'akanwa kacu ko ubutumwa bwacu ari 'ubutumwa bwiza bushya'"³⁶⁴

Iyo ubuprotestanti bwemera ubutumwa bwa marayika wa mbere, byari gushoboza itorero guhinduka umucyo w'"amahanga yose." Nyamara kubera ko ryagambaniye icyo ryaragijwe binyuze mu kwanga ubwo butumwa, ryasize abatuye amahanga yose badahamirijwe *ukuri kw'iki gihe* uko bashoboraga kuba barakiriye, maze ribasiga barindagirira mu mwijima w'ibinyoma no kwizera iby'ubupfumu byakomokaga mu mbaraga z'urusobe rw'inyigisho zangiza intekerezo kandi ziteye ubwoba zifitwe n'urusobe rw'imikorere y'inyigisho z'ibinyoma ubuprotestanti bwubatswe kandi bwanze kwitandukanya na zo.

Robert M. Hutchins, Umuyobozi mukuru wa Kaminuza ya Chicago, igihe yavuye ku mibereho yacu mu by'umwuka yaravuze ati: "Ntabwo tuzi aho twerekeza, cyangwa ngo tumenye n'impamvu tuherekeza, kandi dusa n'aho twarekeye aho gushakisha uburyo twabimenya. Ducitse intege kubera ko imfunguzo zagombaga gufungura amarembo yo mu ijuru zadusize mu nzu ngari y'imfungwa kandi idukandamiza cyane. Dutekereza [twatekerezaga] ko izo mfunguzo zari siyansi n'ubwenge bw'umuntu bufitwe umudendeko. Byaradutengushye. Hashize igihe kinini Imana twarayirukanye muri twe. Nonese ubu ni nde twakwiyambaza?"³⁶⁵

Mu ngingo yacyo yanditswe ku italiki ya 24 Gicurasi 1941, mu ijamba ryacyo nyamukuru, ikinyamakuru cyitwaga Philadelphia *Inquirer* cyagerageje gusesengura uko duhagaze muri aya magambo: "Dusa n'aho twageze mu bihe by'ingenzi mu mateka ubwo iterambere ry'abantu rihagarara rigahama hamwe mu bwoba bwinshi imbere y'imbaraga z'urusobe rukomeye kandi ruteye ubwoba mu mahirwe zifite yo gushimagizwa n'abantu. Mu gihe duhanganye n'ibibazo bidashobora kwirengagizwa n'uwo ari we wese, uretse gusa abana bafite imitima yoroshye n'abapfapfa bafite imitwe yoroshye, twageze mu masangano y'inzi aho buri cyapa cyo ku nzira cyerekana ibintu by'urujijo. Hashize imyaka myinshi ibitero bigabwa ku iyobokamana bigenda byiyongera. Twiyumvagamwo ko niba 'kwizera kwa kera kwaratakaye kandi kukagwa' ibyo bitatureba Byashoboraga kugaragara ko muri iki gihe, kimwe no mu mico y'ababayeho mu bihe bishize, igihe babaga basatira iherezaho ryabo ridakuka, twe twabwemo inyokomuntu muri rusange—twahindutse abantu biyumvamo ko bihagije ku rwego rukabije.

...

"Mu gushidikanya guke, benshi muri twe twabonye ugukura kw'imisengere ikemangwa kandi idasanze ndetse no kwaduka kw'ubucurabwenge bwa gipagani. Twibonye n'amaso yacu ukwaduka kw'imitekerereze igezweho yo guha ikuzo ikiremamuntu, bijyana no guhakana ko hariho imbaraga n'ububasha biruta ubwacu abantu; aho

³⁶⁴ *Ibid.*, p. 26.

³⁶⁵ Robert M. Hutchins, quoted in "The Revolt against Science," *The Christian Century*, January 24, 1934. Dr. Hutchins he meant "thought" instead of "think."

umuntu ashyirwa hejuru ku buryo areshyeshywa n'Umuremyi we. Noneho, ubwo iterambere rya muntu rishobora kugwa ku birenge byaryo ubwabyo, imbibi zo kumva twihagije kwacu ziri mu nzira yo guturikira mu kirere. Amaherezo abantu batangiye kuvumbura ko atari imana ntoya—ko ahubwo ari abantu bacishije bugufi.”³⁶⁶

Nyamara, ubwo amatorero akunzwe n'abantu benshi agenda arushaho kujya kure y'Imana, amaherezo bizagera aho Abakristo nyakuri batazashobora gukomeza kwihanganira kugirana isano nayo. Bityo rero, bazahamagarirwa kuyasohokamo. Ibi ni byo dutegereje mu gihe kiri imbere ko bizabaho mu rwego rwo gusohora k'ubuhanuzi bwo mu Byahishuwe 18:1-4. Twiringira yuko bizabaho, ubwo hejuru yo kwangirika kwayo, amatorero azatangira kurambura ikiganza ngo arenganye abera. (Reba ubusobanuro bwatanzwe ku Byahishuwe 18).

UMURONGO WA 9 Marayika wundi wa gatatu akurikiraho avuga ijwi rirenga ati “Umuntu narumya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhanga rwe cyangwa ku kiganza, 10 uwo ni we uzanywa ku nzoga ari yo mujinya w'Imana, yiteguwe idafunguwemo amazi mu gacuma k'umujinya wayo. Kandi azababazwa n'umuriro n'amazuku imbere y'abamarayika bera, n'imbere y'Umwana w'Intama. 11 Umwotsi wo kubabazwa kwabo ucumba iteka ryose, ntibaruhuka ku manywa na nijoro abaramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, umuntu wese ushyirwaho ikimenyetso cy'izina ryayo.” 12 Aho ni ho kwihangana kw'abera kuri, bitondera amategeko y'Imana bakagira kwizera *nk'ukwa Yesu*.

Ubutumwa bwa Marayika wa Gatatu.—Ubu ni ubutumwa bufite ubusobanuro buteye ubwoba kurusha ubundi bwose. Nta handi hantu muri Bibiliya havuga ubutumwa bw'umujinya w'Imana bukarishye kurusha ubu. icyaha ubu butumwa buburira abantu ngo batagikora, kigomba kuba ari icyaha giteye ubwoba, kandi kigomba kuba ari cya kindi gisobanutse neza ku buryo abafite ubushake bose bashobora kugisobanukirwa, biryo kandi bakamenya n'uburyo bakwirinda kugerwaho n'iteka giciriweho.

Bizagaragara ko ubu butumwa bwose buhuriza hamwe. Ni ukuvuga ko bumwe budahagarikwa n'uko ubundi butangiye. Bityo rero, ubutumwa bwa mbere ni bwo bwatanzwe ari bwo bwonyine mu gihe runaka. Ubutumwa bwa kabiri bwaratangijwe, nyamara ntibwashyize iherezo ku bwa mbere. Uhereye ubwo, hari hariho ubutumwa bubiri. Ubwa gatatu bwarabukurikiye, butazanwe no kubusimbura, ahubwo buje gufatanya na bwo gusa, ku buryo noneho tuba dufite ubutumwa butatu buri kugendana icyarimwe, cyangwa se, ubutumwa bukubiyemo ubutumwa butatu, bukaba bubumbiye hamwe ukuri k'uburyo butatu, ukwa nyuma kukaba nyine ari ko guheruka kuvugwa. Kugeza igihe uyu murimo uzaba urangiriye gukorwa, kuba igihe cyo gucira abantu urubanza gisohoye ntibizarekeraho kuba ukuri, kandi

366 “Will they Return to Religion?” *Philadelphia Inquirer*, May 24, 1941, p. 10.

n'ubutumwa buvuga ngo 'Babuloni iraguye' nabwo buzakomeza kuba ukuri. Uku kuri gukomeza kuvugwa gufatanyirije hamwe n'ukuri kuvugwa mu butumwa bwa gatatu.

Na none hazagaragara isano isobanutse y'ubutumwa ubwabwo. Witegereje uko ibintu bimeze mbere y'uko ubutumwa bwa mbere butangizwa, tubona iyobokamana ry'Abaprotestanti rikeneye ubugorizi mu buryo bubabaje. Kwirema ibice n'urudubi byari biri mu matorero. Yari akiziritse ku makosa menshi y'ubupapa n'ubupfumu. Ububasha bw'ubutumwa bwiza bwari bwarangirikiye mu biganza byabo. Kugira ngo ibi bibi bikosorwe, inyigisho yo kugaruka kwa Kristo yaratangijwe, maze ibwirizanywa imbaraga. Bari bakwiriye kuba barayakiriye, bagasubizwamo imbaraga na yo maze ikabagaruramo ubugingo, nk'uko bari kumera nyine iyo baza kuba barayakiriye. Aho kugira ngo bimere bityo, barayanze maze bahura n'ingaruka mu bya Mwuka. Nuko hakurikiraho ubutumwa bwa kabiri, butangaza ingaruka y'uko kwanga ubutumwa bwa mbere, maze butangaza ukuri kutari gukubiye muri bwo ubwabwo, ahubwo kwari umwanzuro w'urubanza rw'Imana ibaciriyeho kubwo gutsindwa kwabo muri iki cyerekezo; by'umwihariko ko Imana yavuye hagati muri bo, maze bakaba bahuye no kugwa mu bya Mwuka.

Iki kintu nticyagize ingaruka kuri bo ngo kibahagurutse kibatere gukosora amakosa yabo, nk'uko cyari gihagiye ngo kibikore iyo baza kugira ubushake bwo kwemera kugirwa inama no gucyahwa. Mbese ni iki gikurikiraho? Inzira irafunguwe ngo hongere kubaho inkubiri y'ibyabaye yongere ibeho, ngo ubuhakanyi burushijeho kwaguka ndetse n'ibibi birushijeho gukomera bize. Imbaraga z'umwijima zizarushaho gukaza umurego mu murimo wazo, kandi amatorero nakomeza kugundira inzira zayo zo gutwikira umucyo no kwanga ukuri, bidatinze bazisanga bari kuramya inyamaswa kandi bakira ikimenyetso cyayo. Iki kizaba ari urukurikirane rufite ishingiro rw'uko ibintu byagiye bigenda, bikaba byaratangiranye no kwanga ubutumwa bwa marayika wa mbere.

Noneho ubundi butumwa butangiye kuvugwa mu ijwi ryumvikana neza ko umuntu naramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo , azanywa ku nzoga y'umujinya w'Imana idafunguwemo amazi mu gacuma k'umujinya wayo. Ni ukuvuga ngo: "wanze ubutumwa bwa mbere, maze uhura no kugwa mu bya Mwuka. Nukomeza kwanga ukuri ukirengagiza imiburo wohererezwa, uzaba uranguje uburyo bwa nyuma bw'ubuntu bw'Imana, maze amaherezo uhure no kurimbuka kudafite umuti. Iki ni cyo gihano gikarishye kurusha ibindi Imana ishobora gutanga muri ubu buzima, kandi ni cyo cya nyuma. Abantu bake ni bo bazumvira umuburo maze bakizwe, nyamara benshi bazawirengagiza maze barimbuke.

Kwamamazwa k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu ni urugaga rudasanze ruheruka mu by'iyobokamana rugomba gukora umurimo mbere yuko Umwami atunguka ku bicu, kubera ko uwo mwanya nyuma y'ubu butumwa, Yohana yabonye usa n'Umwana w'umuntu aje ku gicu

kinini cyera aje gusarura isi. Iki nta kindi cyashushanya uretse kugaruka kwa Kristo. Bityo rero niba kuza kwa Kristo kuri bugufi, igihe kirageze ngo ubu butumwa bubwirizwe. Hari benshi bari kubwiriza ko turi mu minsi iheruka bakoresheje ijwi ryabo ndetse n'inyandiko, kandi bakigisha ko kuza kwa Kristo kuri bugufi. Nyamara iyo tubibukije iby'ubu buhanuzi, babona mu buryo butunguranye bari ku nyanja nta cyuma gitsika inkuge bafite, nta karita iyobora abagenzi, ndetse nta na Dira yerekana icyerekezo. Ntabwo bazi icyo babukoraho. Kimwe natwe, niba ibyo bari kwigisha birebana no kugaruka kwa Kristo ari ukuri, kandi Umwami akaba ari bugufi, bashobora kubona ko ahantu hose mu gihugu hakwiriye kumvikana iri jwi ry'imbuzi ry'ubutumwa bwa marayika wa gatatu.

Ibitekerezo byatanze kuri ubu butumwa bubiri bubanza bwerekana igihe ubutumwa bwa gatatu butangirwamo, kandi bikerekana ko ari ubwo muri iki gihe cyacu. Nyamara igihamba kiruta ibindi cy'uko ubu butumwa buri kubwirizwa mu isi muri iki gihe, kiboneka mu bibaho byerekana ugusohora kwabwo. Twabonye ko ubutumwa bwa marayika wa mbere ari bwo bwari buri ku isonga mu butumwa itsinda rikomeye ryabwirije ibyo kugaruka kwa Kristo mu 1840 kugeza mu 1844 ryari rishoreye. Twabonye gusohora k'ubutumwa bwa kabiri tubuhuriye hamwe n'iryo tsinda mu mwaka wakurikiyeho. Nimutyo turebe ibyakurikiyeho uhereye icyo gihe.

Igihe Kristo atari agarutse mu mwaka wa 1844, itsinda ry'abari bategereje ryose uko ryakabaye ryaguye mu rujiro. Benshi bitandukanyije na ryo burundu. Abandi banzuye ko igitekerezo cy'iby'igihe cyari kirimo amakosa, maze uwo mwanya bahita batangira kugerageza guhuza igihe cya gihanuzi neza, nuko bashyiraho igihe gishya cyo kugaruka k'Umwami—kandi uwo murimo bakomeje kuwukora kugeza nibura muri iki gihe, bakagenda bashyiraho italiki nshya igihe iya mbere yabaga itambutse. Bake bashakashakanye ubwitonzi kandi nta buryarya bagira ngo bamenye impamvu yateye iryo kosa, maze baza guhamirizwa mu mayerekwa mvajuru yari ahawe itsinda ry'abategereje, bahamirizwa ibyo kutihenda kw'igitekerezo kijyanye n'igihe. Ariko babonye ko ikosa ryateye gucika intege kwabo ryagombaga kuba ryarakorewe mu gusobanukirwa bari bafite ku by'ubuturo. Bamenye ko ubuturo bwo muri Daniyeli 8:14 butari iyi si nk'uko babyibwiraga ko yari kwejeshwa umuriro, kandi ko ubuhanuzi bwo kuri iyi ngingo butari bukubiyemo rwose ibyo kuza k'Umwami Yesu. Babonye mu Byanditswe byera ibihamba bisobanutse ko ubuturo bwatungurirwagaho bwari urusengeru rwo mu ijuru, urwo Pawulo yita "ubuturo", "ihema ry'ukuri" ritashinzwe n'intoki z'umuntu ahubwo ryashinzwe n'Imana ubwayo. Bongeye kubona yuko kwezwa kwaryo, ukurikije ibyabaga mu ihema ry'igicucu ryashushanyaga iryajyaga kuza hanyuma, kwabaga kugizwe n'umurimo uheruka w'umutambyi yakoreraga mu mugabane wa kabiri w'ubuturo, cyangwa se mu cyumba cy'Ahera cyane. Bityo rero basobanukiwe ko icyo gihe cyari kigeze ngo hasohore amagambo ari mu Byahishuwe 11:19 avuga ngo "Urusengeru rwo mu ijuru rurakingurwa, kandi muri urwo rusengeru habonekamo isanduku y'isezerano ryayo."

Ubwo ibitekerezo byabo byari bikanguriwe kwitegereza isanduku, byari ibisanzwe ko bumva bahamagariwe gusuzuma amategeko ari mu isanduku. Kuba isanduku yari irimo amategeko ni ikintu cyumvikana uhareye ku izina yitwa. Yitwaga *"Isanduku y'Isezerano."* Nyamara ntiba yarabaye isanduku y' "isezerano" ndetse ntiyashoboraga kwitwa ityo, iyaba itari irimo amategeko [cumi]. Nuko rero hano hari isanduku mu ijuru, iyashushanywaga na ya sanduku yo mu bihe by'ibicucu byasuraga ibizabaho hanyuma, yahoze iri hano ku isi. Amategeko yari ari muri iyi sanduku yo mu ijuru, kubera iyi mpamvu, agomba kuba ari yo mwimerere ukomeye wandukuwemo amategeko yabonekaga mu isanduku yo mu buturo bwo ku isi. Aya mategeko y'uburyo bubiri agomba kuba yanditswe kimwe rwose, ijamba ku ijamba, akadomo ku kadomo, inyuguti ku nyuguti. Kwibwira ibindi bitandukanye n'ibi byaba ari ibinyoma gusa.

Bityo rero amategeko aracyari amategeko y'Imana, kandi kimwe n'uko byari biri mu ntangiriro, itegako rya kane ryo muri yo riracyategeka abantu kubahiriza umunsi wa karindwi w'icyumweru ko ari wo Sabato. Nta muntu wemera ibitekerezo bitangwa ku buturo ushobora kujya impaka kuri iyi ngingo.

Uko ni ko ivugurura rijyanye n'Isabato ryaje; kandi byaragaragaye ko icyakorewe kurwanya aya mategeko, by'umwihariko gushyiraho umunsi wo gusengwaho no kuramya byavanyeho Isabato ya Yehova, kigomba kuba ari umurimo w'inyamaswa igereranywa n'ubupapa, ari bwo bwa bubasha bwagombaga kurwanya Imana, bukagerageza guhindura amategeko kandi bukagerageza no kwishyira hejuru y'Imana. Nyamara uyu ni wo murimo nyirizina warengurirwagaho na marayika wa gatatu igihe yatangaga umuburo we. Guhera ubwo, byatangiye kugaragarira abizera bo mu mwaka wa 1844 ko igihe cy'ubutumwa bwa marayika wa gatatu gitangirana n'igihe cyo kwezwaga k'ubuturo cyatangiye ku iherezo ry'iminsi 2300 mu mwaka wa 1844, kandi ko gutangazwa k'ubwo butumwa gushingiye ku kuri kwigiye muri iyo nsanganyamatsiko.

Muri ubwo buryo umucyo w'ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwabereye itorero umuseke wa mu gitondo. Bahise babona ko abari mu isi bashoboraga kugira uburenganzira bwo gusaba abavugaga ko bari gutanga ubwo butumwa ubusobanuro bw'ibimenyetso byose bikubiye muri ubwo butumwa—nk'inyamaswa, igishushanyo, kuramya, n'ikimenyetso. Uhareye ubwo, izi ngingo zahindutse insanganyamatsiko zo kwigwaho mu buryo budasanze. Igihamba cyo mu Byanditswe byera cyagaragaye ko gisobanutse kandi gikungahaye, kandi ntabwo byatwaye igihe kinini kugira ngo babe bamaze guhuriza hame neza ukuri kwahishuwe gusobanura ingingo n'ibihamba byabafasha gusobanura izi ngingo zose.

Ubutumwa bw'Imbuzi.—Igitekerezo cyerekana ibintu bigize inyamaswa, igishushanyo, ndetse n'ikimenyetso, byose byatanze mu busobanuro bwo mu Byahishuwe 13; kandi byerekanwe ko inyamaswa ifite amahembe abiri yahagaritse igishushanyo igahatira n'abantu gushyirwaho ikimenyetso, ari

Leta Zunze Ubumwe za Amerika. Ni uyu murimo ndetse n'aba bakozi ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwamagana, kikaba ari ikindi gihamya cy'uko ubu butumwa ari bwo buriho muri iki gihe, kandi bikerekana ko byuzuzanya neza n'ubu buhanuzi bwose. Ibitekerezo tudakeneye hano gusubiramo; biraba bihagije kuvuga muri make gusa ingingo zashimangiwe.

«Inyamaswa» ni ubutegetsu Gatulika bw'i Roma.

«Ikimenyetso» cy'inyamaswa ni gahunda yashyizweho n'ubu butegetsu nk'ikimenyetso cy'ubutware bwabwo bigaragaza ko itorero rifite imbaraga, kandi rikaba ribasha gutegekera umutimanama w'abantu mu cyaha. Ikimenyetso kigizwe no guhindura amategeko y'Imana, kandi iki kimenyetso kivana mu mategeko y'Imana umukono werekana ko Imana ari umwami. Isabato y'umunsi wa karindwi, urwibutso rukomeye rw'umurimo wa Yehova wo kurema, yavanywe mu mwanya wayo mu mategeko cumi, maze isabato mpimbano y'ikinyoma, umunsi wa mbere w'icyumweru (Sunday/Dimanche), ushyirwa mu mwanya wayo.

«Igishushanyo cy'inyamaswa,» ni ihuriro ry'amatorero amwe rizagira ishusho y'inyamaswa nirimara kwambikwa ububasha bwo guhatira abantu amategekoteka yaryo no guha abantu ibihano rikurikije amategeko ya Leta.

«Inyamaswa ifite amahembe abiri,» izaha igishushanyo cy'inyamaswa ububasha bwo kuvuga no gukora, yerekana Leta Zunze Ubumwe za Amerika, zirimo gutera intambwe zigana ku kurema igishushanyo cy'inyamaswa.

Inyamaswa ifite amahembe abiri ihatira abantu gushyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa, ni ukuvuga ko ishyiraho itegeko ryo kuruhuka umunsi wa mbere w'icyumweru, cyangwa umunsi w'Icyumweru nk'umunsi w'ikiruhuko. Ibiri gukorwa muri iki cyerekezo twarangije kubibona. Urwo rugendo ruri gushyirwamo imbaraga n'abantu ku giti cyabo ndetse n'amatsinda y'abantu bishyize hamwe bagahuriza hamwe imbaraga zo gushyiraho amategeko agenga iyobokamana nyamara bakaba bifitiye intego zabo zibiyihishe inyuma.

Nyamara abantu ntibakwiriye kurekerwa mu mwijima ku bijyanye n'iki kibazo. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu buburira abantu ku mugaragaro iby'iki kibi. Bushyira ahagaragara umurimo w'inyamaswa, bukerekana imiterere yayo mu kurwanya amategeko y'Imana, bukaburira abantu ibyerekeye kumvira iby'iyo nyamaswa ibategeka, kandi bukereka abantu bose inzira y'ukuri. Mu buryo busanzwe ibi bihita bihagurutsa uguhangana, itorero rigashakira ubufasha mu mbaraga z'abantu kugira ngo ribone uko rishyigikira inyigisho zaryo kuko bigaragara ko nta butware buva ku Mana buri muri izo nyigisho.

Ni iki ubu butumwa bumaze kugeraho, kandi ni iki bwereka abari mu isi muri iki gihe? Kugira ngo iki kibazo gisubizwe, hari ibihamya bimwe bikomeye bishobora gutangwa. Ibyatangajwe bwa mbere kuri iyi ngingo byagiye ahagaragara mu mwaka wa 1849. Muri iki gihe, ubu butumwa

buvugwa n'ibitabo, impapuro ntoya, n'ibinyamakuru byandikwa mu ndimi zigeze kuri 200, kandi bukaba butangazwa binyuze mu mazu y'icapiro 83 akwirakwiriye hose ku isi, muri yo hakaba hacapirwa ibinyamakuru by'ubwoko 313. Agaciro k'inyandiko zicapirwamo zikagurishwa karazamutse mu mwaka wa 1942 kagera ku madolari 5.467.664. Umurimo w'ibwirizabutumwa izi nyandiko zikora, ugera mu bihugu 413, kandi ubwo butumwa bukabwirizwa mu ndimi 810.

Nibura uru rugaga rw'ababwiriza ni gahunda y'ibikorwa igomba gusobanurwa. Twabonye amatsinda asohoza mu buryo bukomeye kandi bunoze umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwa marayika wa mbere n'ubw'uwa kabiri. Hano turahabona irindi tsinda rikangura ibitekerezo by'abari mu isi mu buryo bwo gusohora k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Iri tsinda rigize urugaga rivuga ko ari ugusohora [k'ubwo butumwa], kandi risaba abatuye isi yose gusuzuma amahame rishingiraho rihamya ibyo rivuga. Nimutyo tuyarebe.

«Marayika wa gatatu akurikiraho.» Uru rugaga rw'ivugabutumwa rukurikira izindi ebyiri twavuze zarubanjirije. Rufata kandi rugakomeza kwamamaza ukuri kwavuzwe n'ingaga ebyiri zabanje, hanyuma rukongeraho ibyo ubutumwa bwa marayika wa gatatu avuga.

Ubutumwa bwa gatatu burangwa n'umuburo ukangurira abantu kwirinda inyamaswa. Bityo rero, mu nsanganyatsiko rwigisha uru rugaga rw'ivugabutumwa rushyira imbere gusobanura iki kimenyetso [kivuga inyamaswa], rikabwira abantu icyo ari cyo, kandi rigashyira ahagaragara amagambo n'ibikorwa byayo byo gutuka Imana.

Ubutumwa bwa gatatu buburira abantu bose ngo bareke kuramya inyamaswa. Ni muri ubwo buryo uru rugaga rw'ivugabutumwa rusobanura uburyo ubutegetsu bw'inyamaswa bwazanye mu Bukristo imihango n'imikorere imwe irwanya ibyo Imana Isumbavyose isaba abantu, kandi rukerekana ko nituramuka twumviye ibyo inyamaswa yazanye tuzaba turamya ubu bubasha n'ubutegetsu bw'inyamaswa. Pawulo aravuga ati: «Ntimuzi yuko uwo mwihaye kuba imbata zo kumwumvira, muri imbata z'uwo mwumvira uwo?» Abaroma 6:16.

Ubutumwa bwa gatatu buburira abantu bose ngo batakira ikimenyetso cy'inyamaswa. Bityo rero, uru rugaga rw'ivugabutumwa ryumva rufite umutwaro mu murimo waryo wo kwerekana icyo ikimenyetso cy'inyamaswa ari cyo, ndetse no kuburira abantu ngo batacyakira. Uru rugaga rwumva gukora bene uyu murimo ari inshingano rwahamagariwe cyane kubera ko ubu bubasha butari ubwa Gikristo bwakoresheje ubucakura bwinshi ku buryo abantu benshi bagenda bayobywa maze bakayoboka ubutware bwabwo batabizi neza. Bigaragara ko ikimenyetso cy'inyamaswa ari gahunda yambitswe umwambaro w'Ubukristo, maze yinjizwa mu itorero rya Gikristo mu buryo bw'ubuhendanyi ku buryo ihindura ubusa ubutware bwa Yehova, maze ikicaza ku ntebe ya cyami ubutware bw'inyamaswa. Kwiyoberanya kwabwo kumaze gushyirwa ahabona, noneho buri

gushyiraho isabato yabwo y'icyiganano yo ku munsu wa mbere w'icyumweru, bukayisimbuza Isabato y'Uwiteka yo ku munsu wa karindwi w'icyumweru. Uku ni ukunyaga ububasha Imana ikomeye itakwihanganira, kandi itorero ryasigaye rikaba rigomba kwitandukanya nabwo rwose mbere yuko riba ryiteguye kugaruka kwa Kristo. Ni cyo gituma uyu muburo wihutirwa ngo «Ntihagire uramya inyamaswa cyangwa ngo yakire ikimenyetso cyayo.»

Ubutumwa bwa marayika wa gatatu hari icyo buvuga kibuza abantu kuramya igishushanyo cy'inyamaswa. Bityo rero, uru rugaga rw'ivugabutumwa runavuga kuri iyi nsanganyamatsiko, rukamenyesha abantu icyo igishushanyo cy'inyamaswa ari cyo, cyangwa rugasobanura nibura ubuhanuzi bw'inyamaswa ifite amahembe abiri. Ruhishura kandi aho igishushanyo kizaremerwa. Ubu ni ubuhanuzi bureba abo muri iki gihe kandi biragaragara ku bwenda gusohora.

Uretse Abadventisti b'umunsu wa karindwi, nta muryango w'iby'iyobokamana uriho muri iki gihe uvuga ko [kubaho kwawo] ari ugusohozwa k'ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Nta bandi mu nsanganyamatsiko bigisha bimirije imbere ingingo zikubiye muri iki gitabo. Mbese ibi bintu twabikoraho iki? Mbese uku ni ugusohora k'ubuhanuzi? Bigomba kuba ari ko bimeze, keretse gusa nihagira uvuguruzwa ibyo Abadventisiti bavugaga: keretse gusa biramutse bigaragajwe ko ubutumwa bwa marayika wa mbere n'ubw'wa kabiri butumviswe; bikagaragazwa ko umwanzuro wagezweho ku birebana n'inyamaswa, igishushanyo cyayo, ikimenyetso cyayo, ndetse no kuyirama atari wo; kandi bikagaragara ko ubuhanuzi bwose, n'ibimenyetso, n'ibihamya byerekana ko kugaruka kwa Kristo kuri bugufi, bityo ubu butumwa bukaba butangwa mu gihe gikwiriye, bibasha gushyirwa ku ruhande. Umwigishwa wa Bibiliya w'umuhanga yatangira uyu murimo bimugoye.

Umusaruro uva mu kubwirizwa k'ubu butumwa nk'uko uvugwa mu murongo wa 12, uracyashimangira ko ubusobanuro bwatanze ari ukuri. Werekana itsinda rishobora kuvugwaho aya magambo ngo «Aha ni ho . . . abakomeza amategeko y'Imana [bari] kandi bakagira kwizera kwa Yesu.» Uyu murimo wo kubwirizwa ubu butumwa uri gukorerwa rwagati mu bihugu byagezemo ubukristo, kandi ababwakira bahindurwa abantu b'umwihariko n'imigirire yabo ikurikiza amategeko y'Imana. Mbese ni irihe tandukaniro riboneka mu migenzereze, kandi ni irihe tandukaniro rukumbi riboneka hagati y'Abakristo muri iki cyerekezo?—Ni iri ryonyine: bamwe batekereza ko itegeko rya kane ryubahirizwa binyuze mu kwegurira umunsu wa mbere w'icyumweru kuruhuka no kuramya Imana. Abandi bakavugaga ko umunsu wa karindwi ari wo wagenewe gukorwaho izo nshingano, maze bakamara amasaha yawo yose bagenza batyo, ndetse umunsu wa mbere bakawukoraho imirimo yabo isanzwe. Nta murongo ugaragaza itandukaniro hagati y'aya matsinda abiri waba ugaragara neza kuruta uyu. Igihe itsinda rimwe rifata ko cyera ndetse rikacyegurira imirimo y'iby'iyobokamana, irindi rikibona nk'igisanzwe rikagikoramo imirimo isanzwe. Itsinda rimwe riruhuka ribikuye ku mutima, irindi

rigakorana ishyaka imirimo yaryo. Itsinda rimwe rikurikirana inyungu z'imirimo yo mu isi, rikabona irindi tsinda ryahagaritse ibyo gukurikirana inyungu, ndetse n'aho bajyaga baturira mu mirimo y'inyungu bakahakinga mu buryo butunguranye. Muri ubwo buryo, ayo matsinda amara iminsi ibiri y'icyumweru atabonana bitewe n'itandukaniro riri hagati y'inyigisho zayo n'imigenzereze yabo bifitanye isano n'itegeko rya kane. Iri tandukaniro rikomeye ntirishobora kuboneka ku rindi tegeko iryo ari ryo ryose.

Isabato yarererejwe mu Butumwa bwa Marayika wa Gatatu.— Ubutumwa bwa marayika wa gatatu butera ababwakiriye kubahiriza umunsi wa karindwi, kubera ko muri ubu buryo gusa ari bwo babasha guhindurwamo abantu b'umwihariko, mu gihe kuruhuka umunsi wa mbere w'icyumweru bitashoboraga gutandukanya umuntu n'imbaga yari isanzwe yubahiriza uyu munsi wa mbere ubwo ubu butumwa bwatangiraga kuvugwa. Muri iki na none tubonamo ikindi gihamba ko kubahiriza umunsi w'icyumweru ari ikimenyetso cy'inyamaswa, kubera ko ubutumwa bugaragaza iki gikorwa nk'umutwaro wabwo ukomeye uburira abantu ngo batakira ikimenyetso cy'inyamaswa, ari byo nyine bizafasha ababwumvira kwitandukanya n'iyi migenzereze igize ikimenyetso cy'inyamaswa, maze bagakurikiza imigenzereze inyuranye n'iyi. [Ubutumwa bwa marayika wa gatatu] bubayobora ku kureka kuziririza umunsi wa mbere w'icyumweru, bukabigisha kuziririza umunsi wa karindwi. Umaze kubona ibi, uhita ubona ko hari icyo washingiraho gikomeye uhamya ko kuruhuka ku Cyumweru ari ikimenyetso cy'inyamaswa ubu butumwa buburira abantu kutakira, kandi ko kuruhuka ku munsi wa karindwi ari ikinyuranyo cyabyo.

Ibi bihuje rwose n'ingingo yavuzwe ku kimenyetso cy'Imana nk'uko yatanze mu busobanuro bwo mu Byahishuwe 7. Muri icyo gice, herekanwe ko ikimenyetso, kashe, ikirango, n'umukono ari amagambo ashobora gukoreshwa kimwe, kandi ko Imana ifata Isabato nk'ikimenyetso cyayo, cyangwa se ikirango cyerekana ubwoko bwayo. Muri ubwo buryo, Imana ifite ikimenyetso ari cyo Sabato yayo. Inyamaswa na yo ifite ikimenyetso, ari cyo sabato y'impimbano. Kimwe ni umunsi wa karindwi, ikindi ni umunsi wa mbere w'icyumweru. Abakristo amaherezo bazagabanywamo amatsinda abiri gusa: abazaba bashyizweho ikimenyetso cy'Imana ihoraho—ni ukuvuga abazaba bafite ikimenyetso cyayo, cyangwa se bubahiriza Isabato yayo; na ba bandi bashyirwaho ikimenyetso cy'inyamaswa—ni ukuvuga abafite ikimenyetso cyayo, cyangwa abaruhuka isabato y'impimbano. Tugendeye kuri ibi, ubutumwa bwa marayika wa gatatu buduha umucyo kandi bukanatuburira.

Kubera ko Isabato y'umunsi wa karindwi yahawe agaciro kenshi cyane, aha biraba bikwiriye kugaragaza ibimenyetso bikomeye kurusha ibindi bifitanye isano n'itegeko ry'Isabato.

Isabato yahanze mu ntangiriro, mu iherezo ry'icyumweru cya mbere. (Itangiriro 2:1-3).

Wari umunsi wa karindwi w'icyo cyumweru, kandi yari ishingiyeye ku bihamya bifitanye isano itabasha gutandukanywa n'izina ryayo n'impamvu zo kubaho kwayo. Ibyo ni ibihamya bitabasha na rimwe gihinduka. Kuba Imana yararuhutse ku munsi wa karindwi biwugira umunsi wayo w'ikiruhuko, cyangwa Isabato (ikiruhuko) y'Uwiteka; kandi ntabwo ishobora na rimwe kureka kuba umunsi wayo w'ikiruhuko, nk'uko icyo gihamya kidashobora guhinduka. Yarayejeje, cyangwa yayishyize ku ruhande, uwo munsi icyo gihe ndetse n'aho hantu, ni ko byanditswe; kandi uko kuyeza ntigushobora na rimwe kurekeraho, keretse gusa ikuweho n'igikorwa gikozwe na Yehova mu buryo butaziguye kandi busobanutse nka cya kindi yakozwe ikagishyira kuri uwo munsi mu ntangiriro. Nta muntu uvuga ko icyo gikorwa cyari cyakorwa, kandi niba hari uwabivuze, ntabwo ashobora kubihamya.

Isabato ntacyo ipfana n'imihango yacureraga ibyayyaga kuzaba hanyuma cyangwa ngo ibe ifite kamere y'iminsi mikuru yindi, kubera ko yabayeho mbere yuko umuntu acumura. Bityo rero ni iyo mu gihe ibintu muri kamere byari bifite, nta washoboraga kuvuga iby'igicucu cyangwa ibintu bisura ibizabaho hanyuma.

Amategako n'amabwiriza byariho mbere yuko umuntu acumura mbere na mbere byabayeho kubera imiterere yabyo. Byakomotse mu isano yari hagati y'Imana n'umuntu, no hagati y'umuntu n'undi, kandi uko yari ari yari gukomeza kumera atyo iyo umuntu ataza gucumura, cyangwa ngo yangizwe n'icyaha. Mu yandi magambo, ayo mategeko muri kamere yayo «yari» kandi «ni» amategako adahinduka kandi y'iteka ryose. Amategako y'imihango n'ay'iminsi mikuru yabayeho bitewe n'uko umuntu yacumuye. Aya yashoboraga guhinduka uko ubuyobozi bwagendaga buhinduka; kandi aya ni yo yonyine yakuweho ku musaraba. Itegeko ry'Isabato ni itegeko ryatanze mbere, bityo rikaba ari itegeko ridahinduka kandi rihoraho iteka.

Kwezwa kw'Isabato muri Edeni bihamya ko yari iriho uheryeye mu gihe cy'irema ndetse kugeza kuri Sinayi. Hano yashyizwe hagati mu mategeko cumi igihe Imana yayavugaga mu ijwi riranguruye, ndetse ikayandikisha urutoki rwayo ku bisate by'amabuye. Ubwo buryo ryanditswemo buritandukanya n'amategako y'imihango, kandi bukariha umwanya mu mategeko agenga imicombonera kandi ahoraho iteka ryose.

Isabato ntabwo ari itegeko ridasobanutse, ntabwo ari umunsi wa karindwi uwo ari wo wose ugeraho umaze kubara iminsi itandatu y'imirimo. Amategako yatangiye kuri Sinayi (Kuva 20:8-11) arihindura irisobanutse nk'uko iyi mvugo ibasha kubisobanura. Ibyabayeho bigatuma na yo ibaho (Itangiriro 2:1-3) bishimangira ko yabayeho ku munsi wa karindwi uzwi. Ibitangaza 6240 byabereye mu butayu ku minsi y'amasabato, kandi muri buri cyumweru hakaba ibitangaza bitatu mu gihe cy'imyaka 40. Ibyo bitangaza ni uguhabwa inshuro ebyiri za manu ku munsi wa gatandatu, kandi manu yatoragwe ku munsi wa gatandatu ikarindwa ntigwe inyo kugira ngo

ikoreshe ku muni wa karindwi, ndetse ntihagire manu igwa ku muni wa karindwi (Kuva 16). Ibi bitangaza byerekana ko ari umuni wihariye, kandi ko atari ugufata igihe ukagisimbuza ikindi gusa ngo kuko binganya amasaha. Kuvuga ibinyuranye n'ibyo, bisa no kuvuga ko Kuvuka kwa Washington cyangwa Umuni w'ubwigenge wari umugabane wa 365 w'umwaka, kandi ko ushobora kwizihizwa ku wundi muni uwo ari wo wose kimwe n'uko wakwizihizwa ku muni nyine ubwo bwigenge bwabereyeho.

Isabato ni umugabane wa ya mategeko Umwami Yesu Kristo yavuze ku mugaragaro ko atazanywe no kuyakuraho. Ku rundi ruhande, yahamije yeruye ko azahoraho kandi ko nta nyuguti n'imwe cyangwa agace kayo kazavaho igihe cyose isi izaba ikiriho. (Matayo 5:17-20).

Ni umugabane wa ya mategeko Pawulo yavuze ko adahinduza ubusa kwizera Kristo, ahubwo ko ayakomeza. (Abaroma 3:31). Ibiri amambu, amategeko y'imihango ni amategeko yasuraga ibizabaho, ya yandi yarenguriraga kuri Kristo akaba yaravanyweho n'umusaraba, ahindurwa ubusa ndetse agasimburwa no kwizera Kristo. (Abefeso 2:15).

Isabato ni umugabane wa ya mategeko y'Umwami, amategeko yerekana Umwami Yehova, ayo Yakobo avuga ko ari amategeko atera umudendezo, ya yandi azaducira urubanza ku muni w'imperuka. Ntabwo Imana ifite ingero ngenderwaho zitandukanye mu gihe cyo guca urubanza ikurikije ibihe bitandukanye abantu babereyeho mu isi. (Yakobo 2:11, 12).

Isabato ni «umuni w'Umwami» wo mu Byahishuwe 1:10. (Reba ubusobanuro bwatanze kuri uwo murongo).

Ni itegeko ryashyizweho rirengurirwaho mu ivugurura rikomeye ryahanuwe ko rigomba gukorwa mu muni y'imperuka. (Gereranya Yesaya 56: 1,2 na 1 Petero 1:5).

Mu irema rishya, Isabato, nk'uko yari mu itangiriro no mu miterere yayo, irongera ikagaragara, kandi n'icyo gihe izakomeza kuzanira imigisha ubwoko bw'Imana mu bihe by'iteka ryose. (Yesaya 66:22, 23).

Iyi yari inshamake ya bimwe mu bitekerezo byerekana ko itegeko ry'Isabato ritigeze rivanwaho cyangwa ngo rihinduke; kandi ko umuntu adashobora kuvuga ko akomeza amategeko y'Imana igihe cyose adakomeza Isabato yayo. Kubahiriza iryo tegeko ni icyubahiro gikomeye. Kumvira ibyo risaba bizazanira umugisha utarondoreka umuntu ubikora.

Igihamo Kizahabwa Abaramya Inyamaswa.—Bazababazwa n'umuriro n'amazuku imbere y'abamarayika bera n'imbere y'Umwana w'Intama. Mbese uku kubabazwa kuzabageraho ryari? Mu Byahishuwe 19:20 herekana ko igihe Kristo azaba agarutse hazigaragaza uburakari bw'urubanza, bushobora kwitwa inyanja y'umuriro n'amazuku, ari yo izajugunywamo inyamaswa n'umuhanuzi w'ibinyoma ari bazima. Ibi bishobora kurengurira gusa ku kurimbuka kuzabageraho mu ntangiriro y'igihe cy'imyaka igihumbi, ntabwo ari mu iherezo ryayo.

Hari imirongo izwi cyane iboneka muri Yesaya tugomba kwifashisha mu gusobanura imyubakirwe y'izi nteruro zinyuzwamo ubutumwa bwa marayika wa gatatu, kandi zikaba zisobanura mu buryo budakemangwa ibizaba hano igihe Kristo azaba agarutse, n'igihe isi izaba ari umusaka mu myaka igihumbi izakurikiraho. Nta wananirwa kubona ko imvugo yakoreshejwe mu Byahishuwe ari imvugo yatiriwe muri ubu buhanuzi. Nyuma yo gusobanura uburakari Imana ifitiye amahanga, kurimbuza inkota ingabo zayo, no kuvanwaho kw'ijuru rikazingwa nk'umuzingo w'igitabo, umuhanuzi aravuga ati: « Kuko uwo muni ari uwo guhōra k'Uwiteka, n'umwaka wo kubitura inabi bagiriye i Siyoni. 9 Imigezi yaho izahinduka ubujeni n'umukungugu waho uzahinduka amazuku, kandi igihugu cyaho kizahinduka ubujeni bwaka. 10 Nta wuzakizimya ku manywa na nijoro, imyotsi yacyo izacumba iteka ryose, kizahora ari amatongo uko ibihe biha ibindi kandi nta wuzakinyuramo iteka ryose.» (Yesaya 34:8-10). Ubwo bihishuwe mu buryo bugaragara ko hazabaho inyanja yaka umuriro izajugunywamo abanyabyaha bose bakarimbuka mu iherezo ry'imyaka igihumbi, dushobora gusa kwanzura yuko kurimbuka kw'abanyabyaha bazaba bakiriho mu ntangiriro z'imyaka igihumbi, no kurimbuka kw'abatubaha Imana bose mu iherezo ryayo ari ibintu bimwe.

Imvugo ngo «iteka ryose» ntishobora hano kwerekana ibihe bidashira. Biragaragara uherye k'uko iki gihano kizatangirwa hano ku isi, aho igihe gipimirwa ku manywa n'ijoro. Ibi na none byerekanwa n'imirongo twarangije kubona iri muri Yesaya, kandi niba ibi ari ko biri nk'uko twarangije kubibona hejuru, imvugo ibi byatiriwemo, bikaba binasobanura kimwe, na yo irengurira ku gihe kimwe n'iki. Iriya mvugo ivugwa ku gihugu cya Idumeya; ariko nubwo yafatwa nk'isobanura mu buryo buziguye igihugu cya Edomu, mu gice cy'amajyepfo n'icy'uburasirazuba bwa Yudaya, cyangwa nk'uko biri nta gushidikanya kikaba gihagarariye iyi si yose uko yakabaye igihe Umwami Yesu azaba ahishuwe mu bicu byo mu ijuru mu birimi by'umuriro bikongora, n'umwaka wo guhoreramo intambara z'i Siyoni ugasohora, uburyo ubwo bwaba ari bwo bwose muri ubu bwombi, biragaragara ko igikorwa kigomba kurangira. Amaherezo iyi si igomba kugirwa nshya, igahanagurwamo buri kizinga cyose cy'icyaha, buri kimenyetso cyose cy'umubabaro no kugajuka, maze igahinduka ubuturo bwo gukiranuka n'umunezero ibihe bizira iherezo. Ijambo «aion» ryahinduwe ngo «iteka ryose» ryasobanuwe mu buryo bukurikira na G. Abbott-Smith mu gitabo yise *Agatabo k'Ubusobanuro bw'Amagambo y'Ikigiriki yakoreshejwe mu Isezerano Rishya*³⁶⁷. Yaravuze ati: «aion»/ «iteka ryose» ni: «Ingano y'igihe runaka, mbese nk'igihe cy'ubuzima bw'umuntu, igisekuru cy'abantu (abantu bavutse mu gihe cy'imyaka 30 baba bari mu gisekuru kimwe), igihe cy'amateka, igihe kirekire kitavuzwe uko kireshya.» Tutagombye kuba twahindura ubusobanuro bwemejwe n'ijambo ry'Ikigiriki, hano dushobora kurisobanura turisanisha n'andi magambo yumvika yo mu Byanditswe byera.

367 A Manual Greek Lexicon of The New Testament

Igihe cy'ubutumwa bwa marayika wa gatatu, ni igihe cyo kwihangana ku bwoko bw'Imana. Hari icyo Pawulo na Yakobo batwigisha kuri iyi ngingo. (Abaheburayo 10:36; Yakobo 5:7, 8). Hagati aho, iri tsinda ritegereje riri gukomeza amategeko y'Imana—(amategeko cumi)—no kwizera kwa Yesu, ni ukuvuga inyigisho zose za Yesu n'intumwa ze nk'uko ziboneka mu Isezerano Rishya. Isabato y'ukuri nk'uko yatanze mu mategeko cumi hano irerekanwa mu buryo bugaragara ko ihabanye cyane n'isabato y'impimbano, ari yo kimenyetso cy'inyamaswa, ari na cyo amaherezo kigaragaza abanze ubutumwa bwa marayika wa gatatu.

UMURONGO WA 13 Numva ijwi rivugira mu ijuru rimbwira riti: "Andika uti: 'Uhereye none hahirwa abapfa bapfira mu Mwami wacu.' " Umwuka na we aravugaga ati: "Yee, ngo baruhuke imihati yabo, kuko imirimo yabo ijyanye na bo ibakurikiye." 14 Mbona igicu cyera, no ku gicu mbona uwicayeho usa n'Umwana w'umuntu, wambaye ikamba ry'izahabu ku mutwe kandi afite umuhoro utyaye mu ntoki ze. 15 Marayika wundi ava mu rusengeru arangurura ijwi riranga, abwira uwicaye kuri icyo gicu ati "Ahuramo umuhoro wawe, usarure kuko isarura risohoye, kandi ibisarurwa byo mu isi byeze cyane."

16 Nuko uwicaye ku gicu yahura umuhoro we mu isi, isi irasarurwa.

Igihe cy'Akaga Gakomeye.—Ibintu birushaho gukomera uko twegera imperuka. Iki ni cyo gihe ubutumwa bwa marayika wa gatatu buri kubwirizwa ku rwego rukomeye kandi rw'ingenzi. Ni umuburo uheruka ugomba kugezwa ku bantu mbere yo kuza k'Umwana w'umuntu werekanwa hano nk'uwicaye ku gicu cyera, afite ikamba ku mutwe we, afite n'umuhoro mu ntoki ze, kugira ngo asarure isi.

Turi twihutira kurenga umurongo w'ubuhanuzi usoreza ku guhishurwa k'Umwami Yesu mu ijuru ari mu birimi by'umuriro ukongora, kugira ngo ahore inzigo abanzi be, kandi ngo agororere abera. Ntabwo ari ibyo gusa, ahubwo twegera gusohora k'ubuhanuzi ku buryo intambwe ikurikira y'uruhererekane rwabwo ari iki gikorwa gisoza kandi cy'agaciro gakomeye. Nta na rimwe igihe kijya gisubira inyuma. Nk'uko umugezi utajya ugabanura imbaraga igihe urushaho kwegera agacuri, ahubwo ukukumba ibintu byose bireremba mu mazi yawo ukoresheje imbaraga nyinshi cyane; ndetse nk'uko ibihe by'umwaka bidasubira inyuma mu rugendo rwabyo, ahubwo impeshyi igakurikira kurabya kw'imitini, n'umuhindo ugashyira igihe cyo guhunguka kw'amababi; ni ko na twe twaba tubishaka cyangwa tutabishaka, twaba twiteguye cyangwa tutiteguye, tukomeza kugenda tujya mbere twegera igihe cy'akaga tudashobora gusubiza inyuma. Mbega ukuntu abigisha biyobokamana b'abirasi n'abanyabyaha badafite icyo bitaho batekereza gake ku kaga kabarindiriye! Mbega ukuntu n'abavugaga ko bazi kandi bakabwiriza ukuri bibakomereye kugasobanukirwa nk'uko kuri!

Umugisha Wasezeranywe.—Yohana yategetswe n'ijwi rivugiye mu ijuru rimubwira riti: «Uhereye none, hahirwa abapfa abapfiriye mu Mwami;»

igisubizo cya Mwuka cyabaye iki ngo, «Yee, ngo baruhuke imihati yabo; kuko imirimo yabo ijyanye na bo ibakurikiye.» «Uhereye none» bigomba kuba bisobanura ngo «uhereye mu gihe runaka.» Ryari?—Birumvikana ni uguhera mu ntangiriro z'igihe ubutumwa bufitanye isano ya bugufi n'aya magambo bwari butangiye kuvugwa. Ariko se ni ukubera iki abahirwa ari abapfa nyuma y'icyo gihe? Hagomba kuba hari impamvu yihariye ituma aba bantu bavugirwaho amagambo y'umugisha nk'aya. Mbese ntabwo ari uko barokotse igihe cyo kurimbuka giteye ubwoba abera bagomba guhura na cyo mbere y'uko basozwa urugendo rwabo? Nubwo bahiriwe batyo muri rusange hamwe n'abakiranutsi bazaba barasinziriye, hari amahirwe babarusha yo kumenya badashidikanya iryo tsinda ry'abazukiye ubugingo mu muzuko wihariye uboneka muri Daniyeli 12: 2.

Bizagaragara ko muri iki cyerekezo cy'ubuhanuzi abamarayika batatu babanziriza kuboneka k'Umwana w'umuntu ku gicu cyera, kandi abamarayika batatu bakavugwa nyuma y'icyo kimenyetso. Igitekerezo cyavuzwe mbere ko abamarayika basanzwe bagira uruhare muri ibi bintu byerekanwa hano. Abatatu babanza bafite inshingano yo kuvuga ubutumwa butatu budasanze. Bigaragara ko ubutumwa bwa marayika wa kane buvugwa nyuma yuko Umwana w'umuntu arangije umurimo we w'ubutambyi, maze akicara ku gicu cyera, nyamara ibyo bikaba mbere yuko atunguka ku bicu byo mu ijuru. Imvugo ikoreshwa mu kubwira uwicaye ku gicu cyera kandi akaba afite umuhoro utyaye mu ntoki ze yiteguye gusarura, igomba kwerekana ubutumwa bw'isengesho rivuye mu itorero, nyuma yuko umurimo waryo wo ku isi urangiye, igihe cy'imbabazi kikaba kirangiye, hakaba ari nta kindi gisigaye keretse ko Umwami atunguka ku bicu agatwara ubwoko bwe. Nta gushidikanya uku ni ugutakamba ku manywa na nijoro Umwami yavuze muri Luka 18:7, 8, gufitanye isano no kugaruka k'Umwana w'umuntu. Iri sengesho rizasubizwa; intore zizarengerwa; kubera ko umugani uvuga ngo «Mbese Imana ntizarengerwa intore zayo ziyitakira ku manywa na nijoro?» Uwicaye ku gicu azahura umuhoro we, maze abera bashushanywa n'ingano zo mu isi, bateranyirizwe mu kigega cyo mu ijuru.

Ingano Zihunikwa mu Kigega.—Umuhanuzi aravugaga ati: «Uwari wicaye ku gicu yahura umuhoro we mu isi; isi irasarurwa.» Aya magambo aratujyana akadutambutsa igihe cyo kugaruka kwa Kristo, n'ibyaguherekeje byo kurimbuka kw'inkozi z'ibibi n'agakiza k'abakiranutsi. Hirya y'ibi ngibi, tugomba kuhashakira ugusohozwa kw'imirongo ikurikiraho.

UMURONGO WA 17 Marayika wundi ava muri rwa rusengeru rwo mu ijuru, na we afite umuhoro utyaye. 18 Hakurikiraho undi uvuye mu gicaniro ari we mutware w'umuriro, arangurura ijwi abwira wa marayika wundi ufite umuhoro utyaye ati «Ahura umuhoro wawe utyaye, uce amaseri yo ku muzabibu w'isi kuko inzabibu zawo zinetse.» 19 Nuko marayika yahura umuhoro we mu isi, aca imbuto z'umuzabibu w'isi azijugunya mu muvure munini w'umujinya w'Imana. 20 Uwo muvure wengesherezwamo ibirenge

inyuma ya wa mudugudu, uvamo amaraso agera ku mikoba yo ku majosi y'amafarashi, ageza sitadiyo igihumbi na magana atandatu.

Umuvure w'Umujinya w'Imana.—Abamarayika babiri baheruka barebana n'umurimo w'abanyabyaha, bagereranywa mu buryo nyabwo n'iseri ry'umuzabibu unetse wo mu isi. Mbese aho iri ntirya ari ishyano riheruka iri tsinda ry'abantu rizahura na ryo ku iherezo ry'imyaka igihumbi turi kubona hano, ubuhanuzi bukaba bwerekana butyo uko abakiranutsi n'abanyabyaha bazamera—ubwo abakiranutsi bazambikwa kudapfa, bagatuzwa mu bwami burimo umutekano, naho abanyabyaha bakarimbukira hanze y'umurwa?

Ntibyakoroha kuvuga ko ibi bisobanura kugaruka kwa Kristo, kubera ko hano ibizabaho bikurikiranyijwe uko bizagenda bihererekanya, kandi kurimbuka kw'abanyabyaha kwakagombye kubera mu gihe kimwe no gukoranywa kw'abakiranutsi. Na none kandi, abanyabyaha bazaba bakiri bazima igihe cyo kugaruka kwa Kristo banywa ku "gacuma" k'umujinya w'Imana. Nyamara iyi mirongo yerekana igihe barimbukira mu "muvure" w'umujinya wayo uvugwa ko ugomba kwengesherezwamo ibirenge "inyuma y'umudugudu," bikaba bitanga igisubizo kidasubirwaho ku bintu bivugwa mu Byahishuwe 20:9. icyakora aya magambo duherukirijeho yerekana mu buryo butarimo amarenga kurimbuka kwabo guheruka kandi kuzuye.

Marayika asohoka mu rusengero, aho ibitabo bishyinguwe ndetse akaba ari ho ibyemezo bijyanye n'ibihano bifatirwa. Marayika wundi afite ubutware ku muriro. Ibi bishobora kuba bifatanye isano n'uko igikoresho kizifashishwa ku iherezo mu kurimbuka kw'abanyabyaha, nubwo mu gusohoza iby'iyi mvugoshusho abanyabyaha bagereranyijwe n'amaseri y'imizabibu agomba kujugunywa mu muvure munini wengesherezwamo ibirenge inyuma y'umudugudu. Amaraso ava mu muvure agera ku mikoba yo ku ijosi ry'amafarashi. Tuzi yuko ku iherezo abanyabyaha bazamirwa bunguri n'umuriro ugurumana uzamanuka uva ku Mana mu ijuru, icyakora ukwicishwa inkota hagati y'ingabo zaciriweho iteka kuzabanziriza ibyo, ntabwo tukuzi. Ntabwo ari ikintu kidashoboka ko aya magambo yazasohozwa nk'uko ari. Nk'uko abamarayika bane ba mbere bo muri iri tsinda berekana itsinda rigira icyo rikora mu ruhande rw'abantu b'Imana, babiri baheruka bashobora kwerekana ikintu kimwe n'aba mbere; kubera ko abera bagomba kugira uruhare bakora mu gusuzuma no gushyira mu bikorwa igihano giheruka cy'abanyabyaha. (1 Abakorinto 6: 2; Zaburi 149: 9).

Abera Baneshu.—Ubu buhanuzi busoza nk'uko ubundi bwose busoza; busoreza ku ntsinzi y'Imana, na Kristo, n'abacunguwe.

KWITEGURA INZABYA Z'UMUJINYA W'IMANA

IBYAHISHUWE 15

Iki gice gitangira kwerekana ibyago birindwi by'imperuka, ari byo kwigaragaza k'umujinya w'Imana udafunguwemo amazi, ku rugero rwawo rwuzuye, ugomba kugera ku gisekuru giheruka cy'abanyabyaha. Icyo gihe umurimo w'imbabazi uzaba warangiye by'iteka.

UMURONGO WA 1Mbona mu ijuru ikindi kimenyetso gikomeye gitangaza: ni cyo bamarayika barindwi bafite ibyago birindwi, ari byo by'imperuka kuko muri ibyo arimo umujinya w'Imana wazurira.

2 Mbona igisa n'inyanja y'ibirahuri bivanze n'umuriro, mbona n'abatabarutse banesheje ya nyamaswa n'igishushanyo cyacyo n'umubare w'izina ryayo, bahagaze kuri iyo nyanja y'ibirahuri bafite inanga z'Imana, 3 baririmba indirimbo ya Mose imbata y'Imana n'indirimbo y'Umwana w'Intama bati "Mwami Imana Ishoborabyose, imirimo yawe irakomeye kandi iratangaje. Mugabe w'amahanga, inzira zawe ni izo gukiranuka n'ukuri. 4 Mwami, ni nde utazakubaha cyangwa ngo ye guhimbaza izina ryawe, ko ari wowe wenyine wera? Amahanga yose azaza akwikubita imbere akuramyeye, kuko imirimo yawe yo gukiranuka igaragajwe." 5 Hanyuma y'ibyo mbona urusengero rw'ihema ryo guhamya ryo mu ijuru rukinguye, 6 ruvamo ba bamarayika barindwi bafite bya byago birindwi, bambaye imyenda y'ibitare itanduye irabagirana, kandi bambaye imishumi y'izahabu mu bituza. 7 Kimwe muri bya bizima bine giha abo bamarayika barindwi inzabya ndwi z'izahabu, zuzuye umujinya w'Imana ihoraho iteka ryose. 8 Rwa rusengero rwuzura umwotsi uva mu bwiza bw'Imana no mu mbaraga zayo, ntihagira umuntu n'umwe ubasha kurwinjiramo kugeza aho bya byago birindwi by'abo bamarayika barindwi byarangiriye.

Imyiteguro.—Uku ni ko igice cya cumi na bitanu kivuga. Iki gice kitujyana ku ruhererekane rushya rw'ibintu bibaho. Iki gice cyose uko

cyakabaye ni intangiriro y'iteka riteye ubwoba cyane ry'Ushoborabyose rigomba kugera ku bari kuri iyi si. Ayo mateka ni yo byago birindwi by'imparuka. Ibyo tubona ahangaha ni umuteguro ukomeye wo gusukwa kw'izi nzabya ndwi zidafunguwe. Umurongo wa 5 werekana ko ibi byago birindwi bisukwa nyuma yo kurangira k'umurimo wo mu buturo, kubera ko urusengero ruba rukinguwe mbere yuko bisukwa. Izo nzabya zihabwa abamarayika barindwi bambaye imyenda y'ibitare itanduye irabagirana, igaragaza ikimenyetso gikwiriye cyo gukiranuka kw'Imana n'ubutabera bwayo mu guca aya mateka. Bahawe izi nzabya zivuye mu biganza bya kimwe mu bizima bine. Ibi bizima bine byerekanwe mu busobanuro bwo mu Byahishuwe 4 ko ari itsinda ry'abafasha bunganira Kristo mu murimo we wo mu buturo. Mbega ukuntu ari bo bakwiriye koko kugeza kuri abo bakozi bashinzwe gusohozu uguhura kw'Imana ibyago by'umujinya ngo babisuke ku basuzuguye imbabazi za Kristo, bagahinyura imibabaro ye, bakuzuzwa agasuzuguro ku izina rye, bakongera kumubamba binyuze mu kurenganya abayoboze be! Mu gihe abamarayika barindwi bari gukora umurimo wabo uteye ubwoba, urusengero rwuzuye ubwiza bw'Imana ku buryo nta muntu—(bisobanuye *oudeis*: "nta muntu n'umwe, nta kiremwa)—ushobora kwinjiramo. Ibi byerekana ko umurimo w'imbabazi warangiye, kubera ko nta murimo ukorerwa mu buturo bwo mu ijuru mu gihe cyo gusuka ibyago birindwi. Kubw'ibyo rero, ni ukwigaragaraza k'umujinya w'Imana udafunguyemo imbabazi.

Ubwoko bw'Imana Bwibukwa.—Ubwo ibyo byabagaho, ntabwo ubwoko bw'Imana bwibagiranye. Umuhanuzi yemerewe kureba ku bibera mu mirongo ya 2 kugeza ku wa 4, maze ababona ari abaneshi bahagaze ku nyanja yari ifite kurabagirana kumeze nk'ukw'ibirahure bivanze n'umuriro. Baririmba indirimbo ya Mose n'Umwana w'Intama bahagaze aho hantu hagari harabagirana ubwiza. Inyanja y'ibirahure aba baneshi bahagazeho, ni ya yindi yabonetse mu Byahishuwe 4:6, yari imbere y'intebe ya cyami yo mu ijuru. Kubera ko nta gihamya dufite cy'uko yari yahinduye aho yari isanzwe iri, kandi abera bakaba bari bayihagazeho, hano tuhafite igihamya kitagishwa impaka gifitanye isano n'Byahishuwe 14: 1-5 havuga ko abera bajyanwa mu ijuru kugira ngo bahabwe umugabane w'ingororano zabo. Bityo, mbese nk'aho izuba ryaka cyane ryarasira mu gicu cya mu gicuku, hariho ibintu bihishurwa, cyangwa se isezerano runaka rihabwa abayoboze boroheje b'Umwana w'Intama muri buri saha y'ikigeragezo, kugira ngo ribahamirize kandi ngo ryongere ribahamirize urukundo rw'Imana n'uburyo ibitaho, ndetse n'uburyo ingororano yabo iheruka idakuka. Yesaya wo mu gihe cya kera yaranditse ati: "Mubwire abakiranutsi ko bazagubwa neza;" ariko "Umunyabyaha abonye ishyano! Azagubwa nabi." Yesaya 3:10, 11.

Indirimbo abanesheje baririmba, ari yo ndirimbo ya Mose n'Umwana w'Intama, ahangaha twahawe inshamake yayo igira iti: "Mwami Imana Ishoborabyose, imirimo yawe irakomeye kandi iratangaje. Mugabe w'amahanga, inzira zawe ni izo gukiranuka n'ukuri." Ni indirimbo y'agahozo

bitarondoreka. Mbega ukuntu amagambo yayo yumvikana! Mbega uburyo insanganyamatsiko yayo ari agatangaza! Ivuga ku mirimo y'Imana ari yo kwigaragaza k'ubwiza bwayo. Abera nibamara guhabwa kureba gufite kudapfa, bazabasha gusobanukirwa iyo mirimo y'Imana mu buryo badashobora kuyisobanukirwa muri iki gihe, nubwo ubumenyi bw'inyenyeri buhishura ibihagije ngo byuzuze imitima y'abantu bose gutangara. Uvuye kuri iyi si yacu ntoya ujya ku zuba hari intera ijya kungana na kilometero miliyoni 150; iyo uyivuyeho ukajya ku zuba riri hafi y'iryo, hari intera ireshya na kilometero miliyoni 40 n'ibihumbi 225 ukubye ka miliyoni. Iyo uyivuyeho ukajya ku nyenyeri yo ku mpera y'isi, umucyo mu muvuduko wawo biwutwara imyaka 400 kugira ngo ube uvuyeyo ugere ku isi yacu; urakomeza ukarenga ku zindi nsobe z'inyenyeri, amatsinda yazo, umutwe w'urwunge rw'inyenyeri, kugeza igihe ugereye ku nyenyeri nini cyane yitwa Rigeli, mu mutwe w'inyenyeri witwa Oriyoni waka nk'iri zuba ryacu ukubye inshuro ibihumbi cumi na bitanu! Mbega ukuntu izingiro rizengurukwaho n'ibi bihumbi by'imibumbe rimeze! Ni ukuri iyi ndirimbo izaririmbwa ngo "Imirimo yawe irakomeye kandi iratangaje." Nyamara na none iyi ndirimbo ifata no mu rundi ruhande, ari rwo rwo kugira neza kw'Imana n'ubuntu bwayo igira iti: "Mugaba w'amahanga, inzira zawe n'izo gukiranuka n'ukuri." Mu maso y'abacunguwe ndetse no mu maso y'abaturage bo mu yindi mibumbe, ibyo Imana igirira ibyo yaremye byose bizahora bishimwa iteka ryose. Nyuma y'ubuhumyi bwacu bwose, guhagarika umutima kwacu kose n'ibigeragezo byacu byose, amaherezo tuzashobora gutera hejuru mu byishimo byinshi byuzuye kunyurwa tugira tuti: "Mwami w'abera, inzira zawe ni izo gukiranuka n'ukuri."

IBYAGO BIRINDWI BIYOGOZA ISI

IBYAHISHUWE 16

UMURONGO WA 1 Numva ijwi rirenga rivugira muri rwa rusengero, ribwira abo bamarayika barindwi riti “Nimugende musuke mu isi izo nzabya ndwi z’umujinya w’Imana.” 2 Uwa mbere aragenda asuka urwabya rwe mu isi, abantu bafite ikimenyetso cya ya nyamaswa bakaramya igishushanyo cyayo bafatwa n’ibisebe bikomeye bibi.

Iki gice kigizwe n’ubusobanuro bw’inzabya ndwi z’umujinya w’Imana udafunguwemo amazi, ndetse n’ingaruka zikurikira ugusukwa kwazo mu isi. Ibibazo bya mbere twibaza ni ibi: Mbese ukuri kw’izi ngingo ni ukuhe? Mbese bifite ikindi bishushanya, cyangwa byinshi muri byo byasohoye mu gihe cyashize? Cyangwa se ni ibyago nyabyago, kandi byose bizabaho mu gihe kizaza?

Igihe Ibyago Bizabera.—Ubusobanuro bw’icyago cya mbere buhita buhishura igihe kizagera ku isi, kubera ko gisukwa ku bafite ikimenyetso cy’inyamaswa, kandi bakaba baramya igishushanyo cyayo—ari wo murimo marayika wa gatatu atuburira kudakora. Iki ni igihamba simusiga cyerekana ko ibi byago bitazasukwa kugeza igihe uyu marayika azaba arangije umurimo we, kandi ko abazumva uyu muburo bakawanga, ari bo bazagerwaho n’ibitonyanga bya mbere bizava ku gusukwa kw’inzabya z’umujinya w’Imana. Ibi byago biramutse ari ibyo mu gihe cyashize, ubwo igishushanyo cy’inyamaswa no kukirama na byo byaba ari ibyo mu gihe cyashize. Niba ibi byararangiyeye kera, inyamaswa ifite amahembe abiri, ari na yo ibwira abari mu isi kurema igishushanyo, n’ibindi bikorwa byayo byose ubwo nabyo byaba byararangiyeye mu gihe cyashize. Niba ibi ari ibyarangiyeye mu gihe cyashize, n’ubutumwa bwa marayika wa gatatu buburira abantu kwirinda iby’uyu murimo, na bwo bwarangiranye n’igihe cyashize. Kandi niba ubu butumwa ari ubwo mu gihe cya kera cyashize, ubwo rero ubutumwa bwa marayika wa mbere n’ubwa marayika wa kabiri bubanziriza ubwa marayika wa gatatu, na bwo bwaba ari ubwo mu bihe bya kera byashize. Bityo rero, ibihe bya gihanuzi ubu butumwa bushingiyeho, by’umwihariko iminsi 2300, byaba byararangiyeye kera cyane. Niba ibi ari ko

bimeze, ibyumweru 70 byo muri Daniyeli igice cya 9, byose bishyirwa mu gihe cy'Abayuda, kandi igihama gikomeye cy'uko Kristo ari Mesiya kiba kivanyweho. Nyamara byagaragajwe mu busobanuro bwo mu Byahishuwe 7, 13, 14 ko ubutumwa bwa mbere n'ubwa kabiri bwa bwirijwe muri iki gihe cyacu; kandi ko ubutumwa bwa marayika wa gatatu buri kurangiza umurimo wabwo muri iki gihe. Byagaragajwe na none ko inyamaswa y'amahembe abiri yazamutse ngo itangire umurimo wayo, kandi ko iri gutegura umurimo yahawe gukora; ndetse ko umurimo wo kurema igishushanyo no guhatira abantu kukirama uri mu gihe kizaza. Keretse gusa ibi bitekerezo turi gushingiraho biramutse bivanweho, naho ubundi ibyago birindwi bigomba gusukwa byose mu gihe kizaza.

Ariko hari n'izindi mpamvu zituma bishyirwa mu gihe kizaza aho kugira ngo bibe ibyo mu gihe cyashize.

Mu gihe cy'icyago cya gatanu, abantu batuka Imana ibasha kubateza *ibisebe*, kandi nyine ibyo bisebe byari byatewe no gusukwa kw'icyago cya mbere. Ibi byerekana ko ibi byago byose bisukwa ku bantu bo mu gihe (igisekuru) kimwe, nta gushidikanya bamwe bakagenda batwarwa n'icyago kimwe kimwe, nyamara abandi bakagenda barokoka bimwe biteye ubwoba.

Ibi byago ni inzoga y'umujinya w'Imana udafunguwemo amazi ivugwa na marayika wa gatatu (Ibyahishuwe 14:10; 15:1). Imvugo nk'iyi ntishobora gukoreshwa ku cyago icyo ari cyo cyose cyigeze kugera ku isi igihe Kristo yari akivuganira kuri Se inyokomuntu yacumuye. Kubw'ibyo rero, tugomba kubiherereza mu gihe cy'ahazaza, ubwo igihe cy'imbabazi kizaba cyarangiyeye.

Ubundi buhamya kandi busobanutse ku bijyanye n'igihe cyo gutangira kw'ibyago ndetse n'igihe bizamara buboneka muri aya magambo: "Rwa rusengero rwuzura umwotsi uva mu bwiza bw'Imana no mu mbaraga zayo, ntihagira umuntu n'umwe ubasha kurwinjiramo kugeza aho bya byago birindwi by'abo bamarayika barindwi byarangiriye." (Ibyahishuwe 15: 8). Biragaragara ko urusengero ruvugwa hano ari rwa rundi ruri mu Byahishuwe 11:19 ngo: "Urusengero rw'Imana rwo mu ijuru rurakingurwa, mu rusengero rwayo habonekamo isanduku y'isezerano ryayo." Mu yandi magambo, imbere yacu tuhafite ubuturo bwo mu ijuru. Igihe abamarayika barindwi bafite inzabya ndwi bahabwa ubutumwa bwabo bagomba gusohozwa, urusengero rwuzura umwotsi uvuye mu bwiza bw'Imana, kandi nta wabashije kwinjira muri urwo rusengero, cyangwa muri ubwo buturo, kugeza igihe abamarayika bari barangiriye umurimo wabo. Kubw'ibyo rero, nta murimo wo guhongerera ubwoba mu buturo muri icyo gihe. Icyo ibyo bivuze, ni uko izo nzabya zidasukwa kugeza aho umurimo wo guhongerera ubwoba mu ihema ryo mu ijuru urangiriye. Icyakora icyo uwo murimo urangiye bihita bikurikiraho. Icyo gihe Kristo ntazaba akiri umuhuza. Imbabazi zahoraga buri gihe zikumiriye ukuboko ko guhora, ntabwo zizaba zikigira uwo zisabira. Abagaragu b'Imana bose bazaba barangije gushyirwaho ikimenyetso. Mbese ni kindi ki gishobora gutegerezwa icyo gihe uretse umugaru wo guhora ugomba kugwa ku bantu, kandi isi igahanagurwaho no kurimbuka.

Kubera ko igihe cyo kubaho kw'ibi byago kibishyira mu gihe kidatinze cy'ahazaza, birindirizwa gusohozwa umujinya w'Imana, dukomeza twibaza imiterere yabyo, ndetse n'ingaruka zabyo igihe itegako rikomeye kandi riteye ubwoba riba rimaze gutangwa rivuye mu rusengero ribwira abamaryika barindwi ngo: "Nimugende musuke mu isi izo nzabya ndwi z'umujinya w'Imana." Hano turakangurirwa kureba mu "bubiko bw'intwari" kandi nyine dore "intwari z'uburakari bwe" (Yeremiya 50: 25). Hano haje ububiko bw'urubura rwabikiwe igihe cyo kuruterasha amakuba, umunsi w'intambara no kurwana. (Yobu 38:22,23).

Icyago cya Mbere.—“Uwa mbere aragenda asuka urwabya rwe mu isi, abantu bafite ikimenyetso cya ya nyamaswa bakaramya igishushanyo cyayo bafatwa n'ibisebe bikomeye bibi.” (Reba na none Zekariya 14:12).

Nta mpamvu igaragara ituma iki cyago kitemerwa mu buryo budakebakeba ko ari icyago nk'uko kiri. Ibi byago bijya gusa n'ibyo Imana yateje Abanyegiputa igihe yari hafi yo gucungura ubwoko bwayo ngo ibukize umutwari w'ububata. Uku ni ukuri gukunze kugaragara kenshi igihe bibaye ngombwa. Noneho Imana igiye kugororera ubwoko bwayo binyuze mu kubatabara no kubacungura, kandi amateka izacira abantu azigaragariza mu buryo butari ibigereranyo kandi buteye ubwoba. Ubwoko bw'ibisebe bivugwa hano ntitubuzi. Ahari bishobora kuba nk'ibyo mu cyago cyageze kuri Egiputa. (Kuva 9:8-11).

UMURONGO WA 3 Uwa kabiri asuka urwabya rwe mu nyanja ihinduka amaraso nk'ay'intumbi, ikintu cyose cyo mu nyanja gifite ubugingo kirapfa.

Icyago cya Kabiri.—Nta kintu gihumanya kandi cyica gishobora kuza mu bitekerezo inshuro nke kirenze amaraso y'umuntu wapfuye; kandi igitekerezo cy'aho amazi ateranira mu isi cyerekana nta gushidikanya inyanja izahinduka muri ubwo buryo buvuzwe igihe iki cyago kizaba giteye, cyerekana ishusho iteye ubwoba. Hano tuhafite igihamya gikomeye cy'uko ijamba “gifite ubugingo” ryakoreshejwe ku nyamaswa zidafite ubwenge, nk'amafi n'ibiremwa bifite ubugingo biba mu Nyanja. Twizera ko ubu ari bwo busobanuro butangwa mu ngeri ya Bibiriya yitwa Ingeri Yemewe. Nyamara mu ndimi z'umwimerere, ribonekamo kenshi, byerekana ko iryo jambo uko rikoreshejwe ku muntu mu ntangiriro (Itangiriro 2: 7) ridashobora gufatwa nk'iritanga igihamya ko yari afite ikintu kidafatishwa intoki ndetse kidapfa ari cyo bugingo.

UMURONGO WA 4 Uwa gatatu asuka urwabya rwe mu nzuzi n'imigezi n'amasoko, na byo bihinduka amaraso. 5 Numva marayika w'amazi avuga ati “Wa Wera we, uriho kandi wahozeho kandi uzahoraho, uri umukiranutsi kuko uku ari ko wabitegetse. 6 Bavushije amaraso y'abera n'ay'abahanuzi, nawe ubahaye amaraso ngo abe ari yo banywa, ni byo bibakwiriye.” 7 Numva igicaniro kivuga kiti “Yee Mwami Imana Ishoborabyose, amateka yawe ni ay'ukuri no gukiranuka.”

Icyago cya Gatatu.—Iyo ni ishusho y'inyiturano iteye ubwoba y'amaraso y'abera" yamenwe n'ibiganza by'abanyarugomo, yahawe abakoze icyo gikorwa cyangwa abifuzaga kugikora. Nubwo ibiteye ubwoba bizaba muri kiriya gihe ubwo amasoko n'imigezi y'amazi bizahinduka nk'amaraso, bidashobora kumvikana uyu mwanya, ubutabera bw'Imana buzubahirizwa, kandi imanza zayo zizashimangirwa. Yemwe ndetse n'amajwi y'abamarayika yarumvikanye ngo "Wa Wera we, ... uri umukiranutsi kuko uku ari ko wabitegetse. Bavushije amaraso y'abera n'ay'abahanuzi ... Yee Mwami Imana Ishoborabyose, amateka yawe ni ay'ukuri no gukiranuka."

Abantu bashobora kubaza uburyo iki gisekuru giheruka cy'abanyabyaha gishobora kuvugwa ko ari cyo cyamennye amaraso y'abera n'abahanuzi, nyamara igisekuru giheruka cy'abera kitagomba kwicwa. Nitwifashisha amagambo ari muri Matayo 23: 34, 35; 1 Yohana 3:15 ni yo azabasha kubisobanura. Iyi mirongo yo mu Byanditswe yerekana ko icyaha kigaragarira mu migambi, atari mu gikorwa gusa. Nta gisekuru cyigeze kugira imigambi yo kwiyezeza kurimbura abera nk'uko igisekuru cyo muri iki gihe kizabikora mu gihe kidatinze. (Reba ubusobanuro bwatanzwe ku Byahishuwe 12:17; 13:15). Mu migambi yabo n'intego bafite, bamena amaraso y'abera n'abahanuzi, ndetse muri buri kantu kose bahamwa n'urubanza nk'iyo baza kuba bafite ubushobozi bwo gushyira mu bikorwa imigambi yabo mibi.

Bishobora kugaragara nk'aho nta muryango w'abantu wakwifuzaga gukomeza kubaho mu gihe cy'icyago giteye ubwoba nk'iki. Kubera iyo mpamvu, kigomba kumara igihe kitari kirekire, nk'uko byagenze ku cyago kimeze nka cyo cyabaye muri Egiputa. (Kuva 7:17-21, 25).

UMURONGO WA 8 Nuko marayika wa kane asuka urwabya rwe mu zuba, rihabwa kokesha abantu umuriro. 9 Abantu botswa n'icyokere cyinshi, batuka izina ry'Imana ishobora kubateza ibyo byago, ntibihana ngo bayihimbaze.

Icyago cya Kane.—Birakwiriye kwita ku buryo buri cyago giteye cyose gisa n'aho cyongera ishyano ku yandi mahano aba yakibanjirije, kandi kikagwiza intimba z'abanyabyaha bari mu mubabaro. Ubu noneho dufite ibisebe bibi bikomeye biri kubababaza, birimo bivirirana amaraso, biri kubongerera umubabaro binyuze mu myakura yabo. Kuri icyo, amaraso ni yo bahawe ngo babashe kwica inyota ibamereye nabi. Mbese nko kugira ngo icyago cyabo kirusheho kuba ishyano, izuba ryahawe ubushobozi kugira ngo ribokeshe imirasire yaryo imeze nk'umuriro, maze botswe n'ubushyuhwe bukaze. Hano nk'uko inkuru ikomeje, ishyano ryabo ribatera gutangira gutuka Imana bikomeye.

UMURONGO WA 10 Marayika wa gatanu asuka urwabya rwe ku ntebe y'ubwami ya ya nyamaswa. Ubwami bwayo bucura umwijima, kuribwa gutuma bahekenya indimi zabo, 11 kandi kuribwa kwabo n'ibisebe byabo bituma batuka Imana nyir'ijuru, ntibihana imirimo yabo.

Icyago cya Gatanu.—Igihamya gikomeye gishimangirwa n'ubu buhamya. Ntabwo ibyago bihita birimbura abo bigeraho, kubera ko bamwe mu bagezweho n'ibisebe bikomeye bakiriho mu gihe urwabya rwa gatanu rwasukwaga, kandi bahekenya indimi zabo bitewe n'umubabaro. Ingero zose z'ibi byago ziraboneka mu gitabo cyo Kuva 10:21-23. Urwabya rusukwa ku ntebe ya ya nyamaswa, ari yo Bupapa. Intebe y'inyamaswa ni ahantu aho ari ho hose umuyobozi w'ubupapa abarizwa, aho yaba akorera muri icyo gihe, kandi nta gushidikanya hazakomeza kuba i Roma. Birashoboka ko ubwami bwayo buhuriza hamwe abayoboke b'abihayimana bayoborwa na we aho baba baherereye hose.

Bu bijyanye n'abaherereza ibi byago mu gihe cyashize, ubu tumaze kubona ibyago bitanu; reka duhagarare gato tubaze ahantu ibi byago byaba byarigeze kuba. Mbese ibyago biteye ubwoba bitya bishobora kubaho, maze ntihagire ubimenya? Niba atari ko biri, amateka yo gusohora kwabyo ari hehe? Ni ryari ibisebe bibi bikomeye byigeze bigera ku mugabane munini w'abantu runaka? Mbese ni ryari inyanja yigeze guhinduka amaraso nk'ay'intumbi, maze ikintu kiyirimo gifite ubugingo kigapfa? Ni ryari amasoko n'imigezi byigeze guhinduka amaraso, maze abantu bakanywa amaraso? Ni ryari izuba ryigeze kokesha abantu umuriro ku buryo bavuma Imana kandi bakayituka? Mbese ni ryari abayoboke b'inyamaswa bigeze guhekenya indimi zabo babitewe n'uburibwe, kandi kubw'ibyo bagatuka Imana ibasha kubateza ibyo bisebe? Ibyahumetswe bivuga ko muri ibyo byago arimo umujinya w'Imana *wuzurira*; ariko se niba bibasha gusohora ntihagire umuntu n'umwe ubimenya, ni nde uzatekereza ko umujinya wayo ari ikintu giteye ubwoba, cyangwa ngo aterwe umujinya n'amateka yayo igihe bivuzwe ko agiye gutera abantu?

UMURONGO WA 12 Marayika wa gatandatu asuka urwabya rwe mu ruzi runini Ufurate. Amazi yarwo akamira kugira ngo inzira y'abami baturuka iburasirazuba yitegurwe. 13 Nuko mbona mu kanwa ka cya kiyoka no mu kanwa ka ya nyamaswa, no mu kanwa ka wa muhanuzi w'ibinyoma, havamwo imyuka itatu mibi isa n'ibikeri, 14 kuko ari yo myuka y'abadayimoni, ikora ibitangaza igasanga abami bo mu isi yose, ngo ibahururize kujya mu ntambara yo ku munsu ukomeye w'Imana Ishoborabyose. 15 (Dore nzaza nk'umujura. Hahirwa uba maso akarinda imyenda ye, kugira ngo atagenda yambaye ubusa bakareba isoni z'ubwambure bwe). 16 Ibateraniriza ahantu mu Ruheburayo hitwa Harimagedoni.

Icyago cya Gatandatu.—Mbese uruzi runini Ufurate rwasutswemo urwabya ni iki? Hari igitekerezo kimwe kivuga ko ari umugezi usanzwe wa Ufurate uri muri Aziya. Ikindi kikavuga ko ari ikimenyetso cy'ishyanga rihereye mu gice uwo mugezi unyuramo. Iki gitekerezo giheruka ni cyo umuntu yahitamo ku bw'impamvu nyinshi.

Byagorana kubona icyari kigamijwe kugerwaho mu gukanya umugezi usanzwe niba icyo kitari inkomyi ikomeye ku kujya mbere kw'ingabo. Byari

bikwiriye kugaragara ko gukama k'uruzi kubaho kugira ngo inzira y'abami bo mu burasirazuba itegurwe; ni ukuvuga imitwe y'ingabo ihoraho, ntabwo ari uruvangitirane rw'ikivunge cy'abagabo n'abagore n'abana batatojwe bameze nk'abana ba Isirayeli ku nyanja itukura, cyangwa ku mugezi wa Yordani. Ufurate ireshya na kilometero 2252,6 z'uburebure, ukaba ari kimwe cya gatatu cy'umugezi wa Misisipi. Kuro yabashije kuyobya uyu mugezi bitamurujije igihe yagotaga Babuloni. Nyamara nubwo hari intambara nyinshi zabereye ahazengurutse inkombe z'uwo mugezi, ingabo z'inyambaraga zikaba zaragiye zambuka uwo mugezi kandi zikongera kuwambuka, nta na rimwe byabaye ngombwa ko ukama kugira ngo zikunde zambuke.

Bishobora kuba ngombwa gukama Umugezi wa Tigris biramutse bibaye ngombwa gukama uwa Ufurate kuko iyo mugezi yenda kunganya ubunini. Isoko yawo iri ku ntera ireshya na kilometero 24 uvuye ku isoko ya Ufurate mu misozi ya Arumeniya, kandi ugasa n'aho ugenda uteganye na wo, ndetse mu ngendo zayo ikaba itandukanyijwe n'intera ntoya. Nyamara ntacyo ubuhanuzi buvuga ku mugezi wa Tigris.

Gukama gusanze kw'imigezi kubaho mu gihe urwabya rwa kane ruba rusutswe, igihe izuba riba ryahawe ububasha bwo kotsa abantu rikoresheje umuriro. Mu gihe cy'iki cyago, nta gushidikanya ko ibintu bibaho nk'amapfa n'inzara zavuzwe na Yoweli ko zizaba ku isi, ndetse imwe mu ngaruka zayo ivugwa ni uko "imigezi y'amazi ikama." (Reba muri Yoweli 1:14-20). Byagorana kugira ngo Ufurate ibe ari wo mugezi wonyine utagerwaho n'icyo cyago cy'amapfa; bityo rero ntabwo mu gihe cy'icyago cya gatandatu ari amazi menshi yari asigajye gukama.

Ibi byago, uherezeye kuri kamere yabyo nyirizina, bigomba kuba ari ukwigaragaza k'umujinya n'urubanza bigera ku bantu; nyamara niba gukama kwa Ufurate nk'umugezi usanzwe ari cyo tugaragarizwa gusa, ntabwo iki cyago ari icyo muri ubwo bwoko, kandi gihinduka ikintu kidakomeye rwose.

Dushingiye kuri izi ngingo zihakana igitekerezo cy'uko Ufurate ivugwa yaba ari umugezi usanzwe, Ufurate igomba kumvikana mu buryo bw'imvugoshusho nk'ishushanya ububasha butwara igice kineteshwa n'uwo mugezi igihe ugaragara nk'utangiye gukama. Abantu bose bemeranya ko ubwo butware bwari Turukiya. Noneho rero dushobora gushaka ugusohozwa kw'iby'ubu buhanuzi bwavuze bikora ku buryo budaciye ruhande ku ishyamba rya Turukiya.

Bityo rero izina Ufurate rikoreshe n'ahandi hantu mu Byanditswe. (Reba muri Yesaya 8:7; Ibyahishuwe 9:14). Muri uyu murongo uheruka, abantu bose bakwiriye kwemera ko Ufurate ishushanya ubutegetsu bw'Abanyaturukiya; kandi kubera ko ari ubwa mbere rikoreshejwe, ndetse indi nshuro imwe y'iryo jambo ikaba iri mu Byahishuwe, bishobora rwose gufatwa nk'aho ari ryo rigena imikoresherezwe yaryo ubwaryo muri iki gitabo.

Gukama k'uruzi muri iki cyerekezo gushobora kuba kugabanyuka kw'ishyanga rya Turukiya, ari ko kugabanuka kudatuza kw'ingabano zaryo. Mu by'ukuri, ibi ni byo byabaye.

Ku rwego rukomeye Ubwami bw'Abotomani bwaragutse bugera mu burengerazuba bw'uruzi rwa Tigris n'ubw'inyanja ya Casipiyani. Ku ruhande rw'amajyepfo buragenda bugera kuri Adeni, bubumbira hamwe Arabiya, Pelestina, Egiputa na Aligeriya. Mu majyaruguru bufata ubwami bwa Hungiriya, Leta za Balikani, na Kirimiya. Turukiya yarwanye intambara inshuro nyinshi n'ingabo z'inyamaboko zo mu Burayi, yarwanye n'Ubudage, Uburusiya ndetse n'abandi. Yanesheje ibihugu iragenda igera muri Aziya, ihamagarwa n'Ubuhindi kugira ngo ijye kubutabara. Nyamara iki kiboko cyahanaga ibihugu bituwe n'Abakristo, nticyarenze ingabano zacyo. Mu bihe byabayeho byashyiraga umwaka wa 1840, Turukiya yaraguye, maze uherye icyo gihe igenda icika intege mu buryo bwihuse cyane. Nimureke twite kuri tumwe mu turere yagiye itakaza.

Mu mwaka wa 1718, Turukiya yatakaje ubwami bwa Hungiriya; itakaza Kirimiya mu 1774; Ubugiriki mu 1832; Rumaniya, Montenegro na Bulugariya mu 1878; itakaza Tripoli mu 1912; izimiza Egiputa mu 1914; Ubwongereza buyinyaga Mesopotamiya mu 1917; itakaza Palestina mu 1917; Siriya mu 1918; izimiza Hejazi ahagana muri icyo gihe. Mu iherezo ry'intambara ya mbere y'isi yose, ibice by'ubunigo na Konstantinople byahindutse ahantu hahuriweho n'amahanga, ndetse n'umurwa mukuru wa Turukiya urimuka bawushyira ahitwa Ankara. Turukiya yongeye kwigarurira igice cy'uburengerazuba bwa Anatoliya ndetse na Simuruna ihambura Abagiriki. Yongeye kwigarurira igice cy'uburengerazuba bwa Arumeniya, igice kinini cy'amazi y'umugezi wa Ufurate. Yongeye kwigarurira umurwa mukuru wayo wa kera wa Konstantinople mu Burayi, ifata n'umugabane umwe w'akarere ka Thrace; nyamara umugabane muto ni wo ubu bwami bw'ubunyambaraga bwashyiranywe. Aho bwari busanzwe butegeka hagiye hagabanuka intara ku ntara, kugeza igihe busigaranye gusa igicucu cy'aho bwari bufite. Mu kuri, ishyanga ryashushanywaga na Ufurate ryari riri gukama.

Nyamara abantu bashobora guhakana bavuga yuko mu gihe twashyigikiraga ko ibyago birindwi byari ibyago nyirizina bifatika, tutigeze tuvuga ko hari na kimwe muri byo cyari ikimenyetso. Ibyo turabihakana. Mu by'ukuri mu gihe cy'icyago cya karindwi hari ububasha buba bujemo mu buryo bw'imvugoshusho, kimwe n'uko mu cyago cya gatanu havugwa iby'intebe ya ya nyamaswa, kandi iki kikaba ari ikimenyetso kizwi cyane, cyangwa nk'uko dusoma mu cyago cya mbere iby'ikimenyetso cy'inyamaswa, igishushanyo cyayo, no kuramywa kwayo, kandi ibyo nabyo ni ibimenyetso. Aha muri uru rugero nk'uko biboneka mu zindi, ikintu gishimangirwa hano, ni uburyo amateka y'Imana agenda agera ku bantu binyuze mu byago atari ibintu by'imigani, ahubwo ari ibintu bifatika, nubwo imiryango igerwaho n'ibi byago ishobora no kwigaragaza mu mashusho yayo.

Intambara ya Harimagidoni.—Abantu bashobora kwibaza uburyo abami b'iburasirazuba bashobora kwiteguzwa n'uko amazi y'umugezi akamye, cyangwa se n'uko ubwami bw'Abotomani buvanyweho. Igisubizo kiragaragara. Mbese uburyo aba bami biteguramo ni ubuhe? Mbese si uko bashobora kuza mu ntambara yo ku munsu ukomeye w'Imana Ishoborabyose? Ni hehe intambara igomba kurwanirwa? Igisubizo cy'umuhanuzi ni uko abarwana uru rugamba bazateranira hamwe "ahantu mu Ruheburayo hitwa Harimagidoni." Iri zina ryakomotse ku kibaya cya kera cyitwaga Megido, ahagiye harwanirwa intambara zikomeye nyinshi mu bihe by'Isezerano rya Kera. Ku bijyanye n'izina "Harimagidoni", uwitwa Lyman Abbott, mu nkoranyamagambo y'iby'iyobokamana aravuga ati:

"Iri zina rihabwa ahantu hanini h'imirambi wo muri Palestina yo hagati hatangirira kuri Mediterane hakagera kuri Yorodani, hakaba hagati y'imisozi ya Karumeli n'iy'i Samariya hakayitandukanaya na Galilaya. ... Ni imirambi ya kera y'i Megido, ari ho Harimagidoni yo mu Byahishuwe 16: 16."³⁶⁸

Ku byerekeranye no gukomera kw'iyi ntambara, George Cormack aravuga ati:

"Megido hari ahantu h'ingenzi ku ngabo z'Abasiriya. Yashoboraga kugenzura imihanda yerekeraga mu majyaruguru ya Fenisiya na Coele-Siriya, ndetse n'umuhanda wambukiranyaga Galileya ujya i Damasiko n'ikibaya cya Ufurate. ... Ikibaya cya Kishoni n'akarere ka Megido ntibyashoboraga kwirinda intambara. Mu mateka yabayeho yose, byari bifite uwo mwiheriko; ahongaho ni ho amakimbirane yaberaga mu burasirazuba bw'amajyepfo ya Aziya yarangiriraga."³⁶⁹

Tumaze kwemera ko "Megido hari ahantu h'ingenzi ku ngabo za Siriya" kandi ko Megido yabashaga kugenzura imihanda yo mu burasirazuba bwa hafi, umusomyi ashobora kumva agishishikajwe no kumenya impamvu aka karere gashobora gutoranywa ngo kazabe isibaniriro riheruka hagati y'amahanga yo mu isi, uretse iby'amagambo y'ubuhanuzi avuga ko hazabera intambara iheruka. Kugira ngo dusubize iki kibazo gifite ishingiro, twifashisha imyanzuro yatanze n'abandi bantu bamaze imyaka bakora ubushakashatsi ku mpamvu zo mu rwego mbonezamubano, mu bukungu, no mu bya politiki zizatera amahanga kurwana.

"Kuba ubwami bw'Abotomani bwaraguye ... hazongera kuvuka ikibazo cy'iteka kibaza umwanya Aziya Ntoya ihagazemo. icyo gice cy'isi ni inzira iri hagati y'Uburayi na Aziya, aho abaneshi b'abanyaburayi bagiye banyura ibihe byinshi batera Aziya, cyangwa se abaneshi bo muri Aziya bakahanyura batera Uburayi,—uretse Uburusiya."³⁷⁰

Mwite kuri iki gitekerezo cyamaze igihe kinini cyemerwa cyerekeranye na Konstantinople n'ahayizengurutse, nk'uko cyanditswe na H. Huntington

368 Lyman Abbott and T. J. Conat, *A Dictionary of Religious Knowledge*, pp. 326, 327, art. "Esdrælon."

369 George Cormack, *Egypt in Asia*, p. 83.

370 J. B. Firth, "The Partition of Asia," *The Fortnightly Review*, May, 1915, p. 795.

Powers. Yaranditse ati: “Konstantinople n’ibice by’ubunigo bwayo yayoboraga, ni ahantu hafasha mu isi hashobora korohereza umuntu kugera ku ntego. ... Igihe Napolewo na Czaa Alegizandere bicaraga ahitwa Tilsit kugira ngo bajye inama bigabanye isi, bivugwa ko Alegizandere yinginze Napolewo ati: ‘Tanga cyangwa utware aho ushaka, ariko uduhe Konstantinople. Abantu banjye bose biteguye gukora ibishoboka byose ngo babone Konstantinople.’ Napolewo yunamye igihe kirekire hejuru y’ikarita, maze yubura umutwe afite umwanzuro utunguranye arasubiza ati: ‘Konstantinople? Ntibikabeho! Ibyo bisobanuye ubutegetsu bw’isi yose.’ ... Abacuruzi kimwe n’abantu b’abanyamigambi ikomeye bashyira Konstantinople mu mwanya w’akarere gafite agaciro gakomeye kurenza utundi twose.”³⁷¹

Twongera gusoma ibyerekeranye no kwimuka ku guharanira inyungu zo kugira Konstantinople, maze bakerekeza ku nyungu zo kugira Turukiya yo muri Aziya.

“Ikibazo cya Konstantinople cyahangayikishije kandi gihagarika umutima abari mu isi mu bisekuru byinshi. Intambara nyinshi zarabaye kandi ubuzima bw’abantu benshi burahatakarira igihe amahanga yifuzaga kugira no kuyobora uriya muji mwiza kandi utangaje ufunganye, utandukanya Uburayi na Aziya kandi ugahuza inyanja y’Umukara n’inyanja ya Mediterane, uburasirazuba n’uburengerazuba, isi y’Abaslavonike n’iy’Abadage b’Abalatini. Uhereye icyo gihe, iyo abantu batekerezaga kugerageza gukemura ikibazo cya Konstantinople nta kabuza byatumaga habaho intambara y’isi yose hagati y’abifuzaga kuyigira iyabo, kubera ko kumvikana bitashobokaga. Bityo rero igitekerezo cy’imishyikirano mu rwego rwa politiki kitasiganaga n’ubwoba butewe n’ikibazo cya Konstantinople cyasaga n’ikidafite igisubizo. ... Nyamara, nubwo dushobora kwishimira ko ikibazo cya Konstantinople cyahoraga giteye ubwoba cyabonewe nibura umuti, bisa n’aho ikindi kirushijeho gukomera ndetse no guteza akaga, gishobora kuvuka kikajya mu mwanya wacyo. Ikibazo cya Turukiya yo muri Aziya kirimo cyishyira ku ruhembe rw’imbere.”³⁷²

Kubera ko akarere kategetswe na Turukiya igihe kirekire ari ko kari inzira ikorerwamo ubucuruzi bukomeye hagati y’imigabane y’isi itatu, Turukiya ntiyigeze ireka kuba ahantu ho kwifuzwa cyane n’ababaga bagize ubushobozi bwo gutegeka isi. Kuvumbura amariba ya peteroli muri ibyo bice by’uburasirazuba bwa hafi byongereye cyane icyifuzo cy’amahanga cyo kwigarurira Aziya Nto n’ahantu haneteshwa n’umugezi wa Ufurate ngo habe ahantu habo. Mu by’ukuri, gutahura ko amagambo yanditswe muri Yobu 29:6 ngo “urutare rukansukira imigezi y’amavuta” atari amakabyankuru ahubwo ko ari ukuri nyako, byatumye ishyanga ryabaga rikomeye ryaremeraga ibyavuzwe ko kugira amariba ya peteroli kugira ngo ureshye n’ibihugu byo mu gice cy’Uburengerazuba bw’Isi ari ikintu gifite agaciro

371 H. Huntington Powers, *The Things Men Fight for*, pp. 74, 77.

372 J. Ellis Barker, *The Great Problems of British Statesmanship*, p. 55.

ntagereranywa mu biganza by'umuntu ushobora gutegeka ubucuruzi ndetse n'ibya gisirikari mu isi.

Ariko se ni ukubera iki abami b'Iburasirazuba bari bashishikajwe n'iki kibazo gifite aho gihuriye ha bugufi n'Uburasirazuba bwa Hafi? Nimutyo twe kwibagirwa ko mu bihe byashize habayeho ibitero bitatu mu Burasirazuba bwa Hafi bigabwe n'ingabo zikomeye zo mu Burasirazuba—bikaba byarazaniye inyungu nyinshi abari babigabye. Igihe bari bafite uburasirazuba bwose mu "ntambara yo kugerageza kongera kubaho" ntabwo ari ikintu kidasanzwe ko bari kwifuza umushongi wa zahabu iboneka mu kibaya cya Ufurate.

Mu kiganiro cyatanze n'Umujenerali w'Umwongereza witwa Sir Ian Hamilton akakigirana na Kingsbury umwanditsi wo mu Biro mpuzamahanga by'itangazamakuru, igihe Jenerali Hamilton yavugaga ku bitero bishobora kugabwa n'abantu bo mu Burayi bw'Uburengerazuba bakinjira mu mugabane wa Aziya, yahanuye ko "ahantu Uburayi bushobora kugerageza guhagarara igihe bwaba bwinjiye muri Aziya ari ahantu hazabera urugamba ruheruka izindi zose zabayeho, kandi rukazashyira iherezo ku buzima bw'imiryango y'abantu." Yarongeye aravuga ati: "Narebanye ikarita ubushishozi ndeba ahantu Uburayi bushobora guhanganira na Aziya kandi bukayisubiza inyuma, mbona ko aho hantu hitwa Megido, cyangwa ku yandi makarita hakitwa Harimagidoni."³⁷³

Uhereye ku mvugo zakoreshejwe n'aba banditsi, byasa n'ibigaragara ko muri izo ngabo z'inyamaboko nk'uko zizaba zemejwe n' "abami bo mu isi ndetse abami bo mu isi yose" zishobora kuzateranira ahantu runaka hamwe mu hahoze ari ikibaya cya kera cya Megido ho mu kibaya kinini cya Ufurate yo muri Aziya Nto, zikazaharwanira "intambara yo ku munsu ukomeye w'Imana Ishoborabyose," ari na cyo cyakumvikana nk'ahantu hafite izina rya "Harimagidoni," riri mu buhanuzi, ibyo byaba bisohoye mu buryo bwuzuye.

Mu binyejana byinshi, uturere twa Palestina n'ikibaya cya Ufurate byategekwe n'abategesi b'Abambali ba Muhamadi bumviraga ishyanga rya Turukiya. Bityo, ushyize mu nyurabwenge, Umwami wa Turukiya azagera ku iherezo rye mbere yuko abami bo mu isi bohereza ingabo zabo muri kariya karere. Iherezo ry'Umunyaturukiya rizakingurira inzira intambara ya Haremagidoni.

Imyuka Itatu Mibi.—Ikintu kiboneka iyo iki cyago gitangiye ni ukurekurwa kw'imyuka itatu kugira ngo ihurize abantu mu ntambara ikomeye. Igikoresheho kiriho muri iki gihe mu mahanga mu isi izwi nk'aho ari iy'amajyambere ni imyuka y'abapfuye. Nyamara umuntu ashobora kubaza uburyo umurimo watangiye gukorwa muri iki gihe ushobora kugaragazwa n'iyi mvugo, mu gihe imyuka itavugwa mu buhanuzi kugeza ubwo icyago cya gatandatu kiba gisutswe, kandi mu gihe cy'ahazaza. Kuri

373 New York Journal and American, January 17, 1938, p. 2.

iki, kimwe n'andi matsinda ameze nk'aya, turasubiza tuti: "Ibikoresho Imana itegurira gukoresha mu gusohoza ibintu runaka, binyura mu ntambwe za mbere zo gutegurwa kugira ngo bibashe gusohoza icyo bigomba gukora. Bityo rero, mbere yuko imyuka igira ububasha bw'ikirenga bwo gutegeka abantu ngo ibahurize mu ntambara yo kurwanya Umwami w'abami n'Umutware utwara abatware, igomba kubanza gutegura inzira hagati y'amahanga yo ku isi, kandi ikabatera kwakira inyigisho zayo nk'aho zifite ubutware buvaku Mana, ndetse n'ijambo ryayo rigafatwa nk'amategeko. Uyu ni wo murimo imyuka iri gukora muri iki gihe, kugeza igihe izaba imaze kugwiza imbaraga zose zo gutegeka amahanga arebwa n'iki kibazo. Mbese ni ikihe gikoresho kindi gikwiriye gishobora gukoreshwa ngo kiyahurize hamwe mu murimo uhubukiwe kandi udafitiwe icyizere cyo kurangizwa neza?

Kuri benshi bishobora gusa n'aho atari ibintu byo kwiringirwa ko amahanga yagira ubushake bwo gutangiza intambara itarigeze ibaho yo kujya kurwanya Uwiteka Nyiringabo, nyamara kuyobya abami bo mu isi kugira ngo bizere ikinyoma, ni umwe mu mirimo y'iyi myuka mibi y'abadayimoni.

Kuba abantu batwara ibihugu bizera imyuka y'abapfuye, cyangwa se imyuka y'abadayimoni, mu murimo wo gutera amahanga kujya mu ntambara, bigaragarira mu magambo akurikira yavuzwe na Sir Edward Grey igihe yavuganaga n'Inteko ishingamamategeko. Igihe yasobanuraga imikorere y'izi mbaraga, Umunyamabanga w'ububanyi n'abahanga w'Ubwongereza yavuze neza ati: "Mu by'ukuri, bimeze nk'aho mu mwuka w'ikirere cy'isi harimo imbaraga mbi iri ku murimo ihungabanya kandi igateza akaga buri mugabane wose w'isi."³⁷⁴

Ramsay MacDonald, wari Minisitiri w'intebe wa kabiri mu gihugu cy'Ubwongereza yaravuze ati:

"Bisa n'aho abantu bose barozwe, cyangwa bakaba bakorera ku muvumo bavumwe n'abadayimoni. ... Abantu bari batangiye kumva ko hari ikintu cya kidayimoni mu mirimo iri gukorwa muri iki gihe yo kongera ingabo, amato y'intambara, n'ingabo zirwanira mu kirere."³⁷⁵

Inkomoko y'iyi myuka yerekana ko izakorera mu migabane itatu ikomeye y'amadini abantu babarizwamo, ashushanywa n'ikiyoka, inyamaswa n'umuhanuzi w'ibinyoma, cyangwa se mu yandi magambo ubupagani, Ubugatulika bw'i Roma, n'Ubuprotestanti bwahakanye kwizera kwabwo.

Ariko se umuburo uboneka mu murongo wa 15 ufite mbaraga ki? Igihe cy'imbabazi kigomba kuba cyararangiyeye, kandi Kristo akazaba yararangije unurimo we w'ubuhuza, mbere yuko ibyago bitangira gusukwa. Mbese hari

³⁷⁴ Sir Edward Grey, *London Times*, November 28, 1911, p. 13.

³⁷⁵ Ramsay MacDonald, quoted in *Disarmament Labour Party's Motion*, *London Times*, July 24, 1923, p. 7.

akaga gahari ko kugwa nyuma y'icyo gihe? Bizagaragara ko uyu muburo uvugwa ubangikanyijwe no gukora kw'imyuka mibi. Bityo, rero imbaraga zirimo ni uko zagutse cyane, ikaba itangira gukora uherye igihe cy'irangira ry'imbabazi, kandi ku bwo gukoresha ibihe by'itondaguranshinga biboneka mu Kigiriki, igihe cy'indagihe y'ubusanzwe gishyirwa mu mpitakera, bigasa n'aho byanditswe ngo : " hahirwa uwabaye maso kandi akarinda imyenda ye," mbese nk'aho isoni n'ubwambure bw'abatarakoze batya bizahita bigaragara mu buryo bwihariye muri uwo mwanya.

"Ibateranyiriza." Mbese ni bande bavugwa hano ko 'bateranyijwe' kandi ni ikihe gikoresho kizakoreshwa mu kubateranyiriza hamwe? Niba indangacyuzuzo 'ba' irengurira ku bami baboneka mu murongo wa 14, nta gushidikanya ko nta gikoresho cyiza kizahakoreshwa mu kubateranyiriza hamwe [...] kitari imyuka y'abadayimoni.

Ingeri ya Bibiliya yitwa Bibiliya y'Abanyamerika Ivuguruwe iravuga iti: "Ibateranyiriza hamwe ahantu mu Ruheburayo hitwa Harimagidoni." Bibiliya yahinduwe mu mvugo ibereye urubyiruko yo ivuga itya: "Ibahuriza hamwe ahantu hitwa mu Ruheburayo Harimagidoni." Bityo rero, kwanzura ko abantu bateranirizwa hamwe ari ibyegera bya Satani birumvikana, ntabwo ari abera. Birumvikana kandi ko ari umurimo w'imyuka mibi, nta bwo ari umurimo wa Kristo; kandi ko aho bateranirizwa atari muri Yerusalemu Nshya mu bukwe bw'Umwana w'Intama, ahubwo ari ahitwa Harimagidoni (cyangwa ku musozi wa Megido), mu "ntambara yo ku munsu ukomeye w'Imana Ishoborabyose."

UMURONGO WA 17 Marayika wa karindwi asuka urwabya rwe mu kirere. Ijwi rirenga rivugira mu rusengero kuri ya ntebe riti "Birarangiyeyi!" 18 Habaho imirabyo n'amajwi no guhinda kw'inkuba, habaho n'igishyitsi cyinshi, igishyitsi gikomeye gityo nticyigeze kubaho uherye aho abantu babereye mu isi. 19 Wa mudugudu ukomeye ugabanywamo gatatu, imidugudu y'abanyamahanga iragwa. Babuloni ikomeye yibukwa imbere y'Imana, ngo ihabwe agacuma k'inzoga, ari yo nkazi y'umujinya wayo. 20 Ibirwa byose birahunga kandi imisozi ntiyaboneka. 21 Urubura rukomeye rumanukira abantu ruvuye mu ijuru, ibuye ryarwo rimwe rirempera nk'italanto. Icyo cyago cy'urubura gituma abantu batuka Imana, kuko icyago cyarwo gikomeye cyane.

Icyago cya Karindwi.—Ni muri ubu buryo Ibyahumetswe bisobanura icyago cya karindwi kizahabwa abantu bigometse ku Mana muri iki gihe bakaba badashaka kwikosora. Ntabwo ibyago bimwe bigera ahantu hose iyo bisutswe, nyamara iki cyo gisukwa mu kirere. Umwuka wo mu kirere ufubitse isi yose, kandi igikurikiraho ni uko icyago kizagera ahantu hatuwe kuri uyu mubumbe ku buryo bumwe. Kizaba ari icyago cy'isi yose. Ikirere kizahinduka umwuka wica.

Guteranyirizwa hamwe kw'amahanga kwabayeho mu cyago cya gatandatu, maze intambara ikarindirizwa kurwanwa mu gihe cy'icyago cya karindwi. Hano turahabona ibikoreshe Imana izakoresha mu gihe cyo

kurimbura abanyabyaha. Muri icyo gihe umuntu ashobora kuvuga ati: "Uwiteka yakinguye ububiko bwe bw'intwaro, avanamo intwaro z'uburakari bwe." Yeremiya 50: 25.

Ibyanditswe biravuga bita: "Ijwi rirenga rivugira mu rusengero." Hejuru ya byose hazumvikana ijwi ry'Imana. "Uwiteka azivuga ari i Siyoni, arangurure ijwi ari i Yerusalemu. Ijuru n'isi bizatigita, ariko Uwiteka azabera ubwoko bwe ubuhungiro, abere Abisirayeli igihome." (Yoweli 4:16). (Reba na none Yeremiya 25:30; Abaheburayo 12:26). Ijwi ry'Imana rizatuma ku isi habaho igishyitsi kitigeze kubaho uherye igihe abantu babereye mu isi.

"Imirabyo n'Amajwi yo Guhinda kw'Inkuba."—ni ikindi kintu kirengurira ku byago byabaye muri Egiputa. (Kuva 9:23). Umudugudu munini ugabanywamo ibice bitatu; ni ukuvuga imigabane itatu minini y'amadini y'ibinyoma yo mu isi (umudugudu ukomeye) kandi yaretse kwizera kuzima, ubupagani, Ubugatulika bw'i Roma, n'ubuprotestanti bwahakanye kwizera bisa n'aho bizagabanywamo imigabane ngo buri gice kigerweho n'ishyano rigikwiriye. Imidugudu yo mu isi iragwa; kurimbuka gukwira isi yose; buri kirwa cyose kirahunga, imisozi nayo ntiyongera kuboneka. Nuko Babuloni ikomeye iribukwa mu maso y'Imana. Soma amateka yaciriweho mu buryo burambuye mu Byahishuwe 18.

"Urubura rukomeye rumanukira abantu ruvuye mu ijuru," iki ni igikoreshe gihuruka kizakoreshe mu guhana abanyabyaha—amatepfu ashirira y'icyago cya karindwi. Imana yavuze mu buryo bweruye ibwira abanyabyaha iti: "Kandi imanza zitabera ni zo nzagira umugozi ugera, no gukiranuka nzakugira timazi." Amahindu azatsemba ibinyoma muhungiramo, kandi amazi azasendera mu bwihisho. (Yesaya 28:17). (Reba no muri Yesaya 30:30). Uwiteka abaza Yobu niba hari ubwo yabonye ububiko bw'urubura urwo "yabikiye igihe cyo kuruterasha amakuba, umunsi w'intambara no kurwana." Yobu 38:22, 23.

Bivugwa ko buri buye ry'urubura ryari rifite uburemere bungana no "kuremera kw'italanto." Dukurikije ibyavuzwe n'abahanga benshi, italanto ifite uburemere bujya kungana na kilogarama 258 (258kg). Ni nde washoboraga guhangana n'imbaraga z'amabuye afite uburemere bwinshi gutya ahubuka avuye mu ijuru? Nyamara muri kiriya gihe, nta bwihisho abantu bazaba bafite. Imidugudu yashenywe n'igishyitsi gikomeye, ibirwa byahunze bivanwa ahabyo, n'imisozi ntikiboneka. Na none abanyabyaha batiza umurindi ibyago byabo binyuze mu gutuka Imana, kubera ko icyo cyago cy'urubura gikomeye cyane.

Igitekerezo kidafite imbaraga cy'ingaruka ziteye ubwoba ziturutse ku cyago kimeze gutya nk'uko kivugwa hano, gishobora gutekerezwa hashingiwe ku rugero rw'urubura rwigeze kugwa ahantu hitwa Bosphorus (Bosiforusi), nk'uko bivugwa na Commodore Porter agira ati:

"Birashoboka ko twari tumaze kugenda urugendo rwa kilometero nkebyiri, ubwo twabonaga igicu kizamuka kivuye mu burengerazuba

cyerekana ko hagiye kugwa imvura. Mu minota mike twatahuye ikintu cyaguye giturutse mu ijuru cyikubita hasi kiromongana kandi cyasaga n'umweru. Sinashoboraga kwiyumvisha icyo ari cyo, ariko ubwo nabonaga inyonyi nyinshi nini z'umweru zari hafi aho, nibwiye ko ari zo ziri kwiroha mu mazi zijya gufata amafi, ariko nyuma gato natahuye ko ari urubura rumeze nk'imipira ruri kugwa hasi. Uwo mwanya twumvise ijwi rivuga nk'inkuba, cyangwa imodoka nini icumi zihindira icyarimwe ku butaka. Bosphorus (Bosiforusi) yose yuzuye ifuro, mbese nk'aho imbunda zo mu ijuru zirasiwe icyarimwe kuri twe ndetse no mashini zacu zidakomeye. Byasaga n'aho urwacu rugeze; imitaka yacu yarazamuwe ngo idutwikire, ariko amabuye y'urubura yarayishwanyaguje. Kubw'amahirwe twari dufite aho twahishaga amapfizi mu bwato, twarakambakambye twinjiramo maze tubasha gukiza amagara yacu ibindi byago. Ikiganza cy'umwe mu basare bacu cyarashwanyaguritse; undi arakomereka cyane ku rutugu; Bwana H. yakomeretse bikomeye ku kuguru; ikiganza cyanyije cy'iburyo cyararemeye, ndetse kiranakomereka. ...

Byari ibintu bibi kandi biteye ubwoba kurusha ibyo nigeze mbona byose, kandi Imana izamfashe sinzongere guhura n'ikintu nk'icyo! Urubura rumeze nk'umupira rwikubye inshuro ebyiri igipfunsi cyanyije rwagwaga mu bwato, rumwe rwazanaga ubukana ku buryo rwashoboraga kuvuna ukuboko cyangwa ukuguru ruramutse ruguye kuri izo ngingo. Rumwe rwaguye ku rushyi rw'ukuboko k'umwe mu basare, maze ruramenagurika. Icyo bintu byamaze umwanya ujya kungana n'iminota nk'itanu; ariko yari iminota yo kumva merewe nabi cyane kurenza uko byigeze kumbaho. Igihe byari birangiye, twabonye imisozi ituzengurutse itwikiriwe n'urubura rwinshi. Sinshobora kubwita urubura, kuko ibiti byari byashizeho amababi n'amashami, kandi ibintu byose byari byabaye umusaka. ...

Ibyarimo biba byari biteye ubwoba mu buryo burenze uko nabivugaga. Nabonye imitingito myinshi; imirabyo yararabije nk'uko byari bimeze hejuru y'umutwe wanjye. Umuyaga warahuushye, kandi igihe kimwe umuraba wanjugunye mu kirere, undi uramanura undoha ikuzimu. Sinagumye hamwe, kandi nabonye urupfu no kurimbuka ahanzengurutse mu ishusho iyo ari yo yose y'ibiteye ubwoba; nyamara sinigeze ngira ubwoba nk'ubwamfashe icyo gihe, kandi nkaba nkibwiyumvamo, ndetse mfite ubwoba ko butazamvamo. ... Umuntu wari untwaje imitwari, ari nawe washiraga amanga wo mu muryango wanjye, yari yatinyutse gusohoka hanze akanya gato, yaje guturwa hasi nk'ibuye cy'urubura, kandi iyo batamufata ku bitsinsino ngo bamukururire, rwari kumuhondagura kugeza apfuye. ... Mu majyaruguru y'umudugudu abantu babiri bari mu bwato barapfuye, kandi numvise ibya benshi bavunaguritse amagufwa. ... Nyamara se tekereza ijuru riramutse ritunguranye rikiremamo urubura, maze rukamenagurikamo uduce twinshi tutanganya uburemere, rumwe rukaba rupima ibiro bibiri, urundi ibiro bine, maze rugahubukira ku isi.³⁷⁶

376 David Porter, *Constantinople and Its Environs*, Vol. I, pp. 44-47.

Musomyi, niba izo zari ingaruka z'umugaru w'urubura rwanganaga n'inshuro ebyiri z'igipfunsi cy'umuntu, rukaremera nka kilogarama enye n'igice, ni nde ushobora gutahura ingaruka z'uriya mugaru wenda gutera ubwo *"ibuye rimwe ry'urubura"* rizaba rifite ibiro bikabakaba 258? Nk'uko ijambo ry'Imana ari ukuri, ni ko bidatinze igiye guhana isi y'abanyabyaha. Ndasaba Imana ngo hakurikijwe iri sezerano kuzagira *"ubuturo bw'amahoro"* n'uburuhukiro butuje" muri kiriya gihe giteye ubwoba bibe ibyacu. Yesaya 32:18, 19.

"Ijwi rirenga rivugira mu rusengero rwo mu ijuru rivuye kuri ya ntebe riti 'Birarangiyey!' Uko ni ko byose birangira. Igikombe cyo gukiranirwa k'umuntu cyari cyuzuye. Ubugingo bw'umuntu wa nyuma bwari bumaze guhabwa agakiza. Ibitabo byari bimaze kubumbwa. Umubare w'abakijijwe wari umaze kuzura. Igihe giheruka cyari gishyizwe ku mateka y'isi. Inzabya z'umujinya w'Imana zari zasutswe ku gisekuru giheruka cy'abantu bangiritse mu mico. Abakiranirwa bari bazinyoye biranguza n'amatepfu, maze binjira mu butware bw'urupfu ngo bahamare imyaka igihumbi. Musomyi, wifuza kuzaboneka mu ruhe ruhande nyuma ya kiriya cyemezo gikomeye?

Ariko se abera bazaba bamerewe bate mu gihe "ibyago birindwi" bizaba biri gusukwa? Ni abantu badasanze bari mu burinzi bw'Imana, ya yindi itayoberwa ko igishwi kiguye hasi. Amasezerano menshi azabageragaho yisukiranyaga kugira ngo abahumurize. Ayo masezerano avugwaga mu magambo make mu mvugo nziza kandi yumvikana y'umunyazaburi ugira ati:

"2 Ndabwira Uwiteka nti 'Uri ubuhungiro bwanjye n'igihome kinkingira, Imana yanjye niringira.' 3 Kuko ari we uzagukiza ikigoyi cy'umugoyi, na mugiga irimbura. 4 Azakubundikiza amoya ye, kandi uzajya uhungira munsu y'amababa ye, umurava we ni ingabo n'icyuma kigukingira. 5 Igiteye ubwoba cya nijoro ntikizagutinyisha, cyangwa umwambi ugenda ku manywa, 6 Cyangwa mugiga igendera mu mwijima, cyangwa kurimbura gutsemba ku manywa y'ihangu. 7 Abantu igihumbi bazagwa iruhande rwawe, abantu inzovu bazagwa iburyo bwawe, ariko ntibizakugeraho. 8 Uzabirebesha amaso yawe gusa, ubone ibihembo by'abanyabyaha. 9 Kuko ari wowe buhungiro bwanjye Uwiteka, wagize Isumbabyose ubuturo, 10 Nuko nta kibi kizakuzaho, kandi nta cyago kizegera ihema ryawe." Zaburi 91:2-10.

UBUFATANYE BW'ITORERO NA LETA KU RWEGO RW'ISI

IBYAHISHUWE 17

UMURONGO WA 1 Haza umwe wo muri ba bamarayika barindwi bari bafite za nzabya ndwi arambwira ati “Ngwino nkwereke iteka maraya ukomeye azacirwaho, yicara ku mazi menshi. 2 Ni we abami bo mu isi basambanaga na we, abari mu isi bagasinda inzoga ari zo busambanyi bwe.” 3 Anjyana mu butayu ndi mu Mwuka, mbona umugore yicaye ku nyamaswa itukura yuzuye amazina yo gutuka Imana, ifite imitwe irindwi n’amahembe cumi. 4 Uwo mugore yari yambaye umwenda w’umuhengeri n’uw’umuhemba. Yari arimbishijwe n’izahabu n’amabuye y’igiciro cyinshi n’imaragarita, mu ntoki ze yari afite igikombe cy’izahabu cyuzuye ibizira n’imyanda y’ubusambanyi bwe. 5 Mu ruhanga rwe afite izina ry’amayoberane ryanditswe ngo *BABULONI IKOMEYE, NYINA W’ABAMARAYA, KANDI NYINA W’IBIZIRA BYO MU ISI.*

Mu murongo wa 19 w’igice kibanziriza iki, twabwiwe ko “Babuloni ikomeye yibutswe imbere y’Imana, ngo ihabwe agacuma k’inzoga, ari yo nkazi y’umujinya wayo.” Noneho umuhanuzi afata mu buryo bwihariye iyi nsanganyamatsiko ya Babuloni ikomeye. Kugira ngo yerekane ishusho yayo yuzuye, asubira inyuma, akavuga bimwe mu bihamya byo mu mateka yayo. Abaprotestanti bizera muri rusange ko uyu mugore waretse kwizera nk’uko aboneka muri iki gice ari ikimenyetso cy’Itorero Gatulika ry’i Roma. Hagati y’iri torero n’abami bo mu isi hari isano idakwiriye. Yateretse abaturage bo mu isi inzoga z’ubusambanyi bwe ari zo nyigisho z’ibinyoma, maze arabasindisha.

Itorero na Leta.—Ubu buhanuzi burasobanutse kuruta ubundi bwose buvugwa ku bubasha bwa Roma kubera ko bwo bwerekana itandukaniro

hagati y'itorero na Leta. Hano tuhafite umugore, itorero, ryicaye ku nyamaswa ifite ibara ry'umuhemba, ubutegetsu bwa gisivile bushyigikiye uyu mugore, kandi na we akaba abuyoboye ndetse akabwerekeza ku iherezo rye bwite, nk'uko uyoboye ifarashi ari we uyitegeka aho ijya.

Imyambaro n'imirimbo by'uyu mugore, nk'uko bigaragazwa mu murongo wa 4, byuzuzanya ku buryo butangaje n'ubusobanuro buhabwa iki kimenyetso. Umuhengeri n'umuhemba ni amabara yiganje mu myambaro y'abapapa n'abakaridinali. Mu bihumbi byinshi by'amabuye y'agaciro atatse umurimo waryo, dushingiye ku makuru atangwa n'abahamya babyitegereza, ifeza ibonekamo biruhanyije, kandi izahabu ubwayo na yo iboneka gake ugereranyije n'ibuye ry'agaciro rya 'gem.' Mu gikombe cya zahabu cyari mu kiganza cye—(ari cyo kimenyetso cyo kwera kw'inyigisho n'ubuhamya, icyakagombye kubamo ibintu bizirana n'ubusambanyi kandi kikabamo ibyera, cyangwa bya bindi byuzuye ukuri gusa) —hakomotsemo ibizira, n'inzoga z'ubusambanyi, zikaba ari ikimenyetso nyacyo cyerekana inyigisho zizira za [Malaya uwo], ndetse n'imigenzereze ye izira.

Bivugwa yuko ikimenyetso cy'umugore ufite igikombe mu kiganza cye cyakoreshejwe ku munsu wo kwizihiza Yubile y'ubupapa.

“Mu mwaka wa 1825, ku munsu wa Yubile, Papa Leo wa XXII yakoresheje umudari uriho ishusho ye ku ruhande rumwe rwawo, naho ku rundi ruhande hakabaho ishusho y'itorero rya Roma ryari rishushanyijwe n'umugore' ufashe umusaraba mu kiganza cye cy'ibumoso, naho mu cy'iburyo afashe igikombe, n'amagambo amwanditsweho ngo *Sedet super universum*, 'Isi yose ni intebe ye.’”³⁷⁷

Uyu mugore yitwa mu buryo bugaragara Babuloni. None se ubwo Roma ni Babuloni hatabariwemo indi miryango y'iyobokamana?—Oya, ntabwo bishoboka kubera ko yitwa nyina w'abamaraya, nk'uko twabibonye mbere. Byerekana ko hari indi miryango y'iyobokamana yigenga igize abakobwa bahakanye kwizera, bese hamwe bakarema umuryango umwe ukomeye.

UMURONGO WA 6 Mbona ko uwo mugore asinze amaraso y'abera n'amaraso y'abahōwe Yesu. Mubonye ndatangara cyane. 7 Marayika arambaza ati “Ni iki kigutangaje? Reka nkumenere ibanga ry'uriya mugore n'iry'inyamaswa imuhetse, ifite imitwe irindwi n'amahembe cumi.

Impamvu yo Gutangara.—Kuki igihe Yohana yabonaga ko uwo mugore asinze amaraso y'abera yagombaga «gutangara cyane» nk'uko bisomwa mu mwimerere? Mbese kurenganya ubwoko bw'Imana cyari ikintu gitangaje mu minsi yari arimo? Mbese ntiyari yarabonye Roma itangiza umurimo ukarishye wo guca abagize itorero, kandi na we ubwe igihe yandikaga ntiyari yaraciwe n'ubwo butegetsu bw'abicananyi? None se ni ukubera iki yagombaga gutangara igihe yakomezaga kureba akabona Roma ikirenganya

³⁷⁷ Alexander Hislop, *The Two Babylons*, p. 6.

abera? Ibanga ry'uko gutangara ni iri: akarengane kose yari yarabonye kakorwaga na Roma ya gipagani, umwanzi wa Kristo ukorera ku mugaragaro. Ntabwo byari bitangaje ko abapagani barenganya abayobokeye ba Kristo. Nyamara igihe yakomezaga kureba akabona itorerorivugako ari irya Gikristo rirenganya abakurikira Umwana w'Intama, kandi rikanywa amaraso yabo, nta kindi yari gukora uretse gutangara cyane.

UMURONGO WA 8 Iyo nyamaswa ubonye yahozeho nyamara ntikiriho, kandi igiye kuzamuka ive ikuzimu ijye kurimbuka. Abari mu isi amazina yabo atanditswe mu gitabo cy'ubugingo, uhereye ku kuremwa kw'isi, bazatangara babonye iyo nyamaswa yahozeho ikaba itakiriho, kandi ikazongera kubaho.

9 "Aha ni ho hakwiriye ubwenge n'ubuhanga. Iyo mitwe irindwi ni yo misozi irindwi uwo mugore yicaraho. 10 Kandi ni yo bami barindwi: abatanu baraguye, umwe ariho undi ntaraza, kandi naza azaba akwiriye kumara igihe gito. 11 Ya nyamaswa yariho ikaba itakiriho, iyo ubwayo ni uwa munani, nyamara kandi ni umwe muri ba bandi barindwi kandi arajya kurimbuka.

Roma mu Bika Bitatu.—Inyamaswa marayika ari kuvugaho hano, nta gushidikanya ni ya nyamaswa isa n'umuhemba. Inyamaswa yo mu gasozi nk'iyi ivugwa ni ikimenyetso cy'ububasha butoteza kandi bukarenganya. Nubwo Roma nk'ishyamba yabayeho igihe kirekire ntawe uyikoma imbere, yanyuze mu bika runaka kandi muri byo iki kimenyetso ntigishobora guhuzwa na yo, ndetse muri icyo gihe inyamaswa nk'iyi iri muri ubu buhanuzi, byarashobokaga kuvuga ko itariho. Ni muri ubu buryo Roma mu gihe cyayo cya gipagani, isano yari ifitanye n'ubwoko bw'Imana yari uko bwari ububasha burenganya, kandi muri icyo gihe bwari inyamaswa yariho muri icyo gihe. Nyamara igihe ubwo bwami bwari buhindutse ubukristo ku izina, habayeho impinduka yo kuva mu bupagani bukajya mu kindi gika cyitwa cy'iyobokamana cyitwaga mu buryo bupfuye icy'ubukristo. Mu gihe kigufi ubwo iyi mpinduka yakorwaga, ubwami bwatakaje imiterere ya kinyamaswa no kurenganya, kandi ubwo nibwo bashoboraga kuvuga ko ari inyamaswa itari isanzwe. Uko igihe cyahitaga, yakuze ihinduka ubupapa, maze ifata kamere yo kumena amaraso no kurenganya.

Imitwe Irindwi.—Bwa mbere iyi mitwe irindwi isobanurwa ko ari imisozi irindwi, hanyuma ikavugwa ko ari abami barindwi. Amagambo ari mu murongo wa cumi ngo «kandi hari abami barindwi,» mu mvugo y'umwimerere handitswe ngo «kandi ni yo bami barindwi.» Ibyo bituma interuro ivuga ngo: «Imitwe irindwi ni yo misozi irindwi ... kandi ni yo bami barindwi,» bityo imitwe, imisozi n'abami bikaba bisobanura kimwe.

Marayika yongeraho ati: «abatanu baraguye,» cyangwa barapfuye. Arongeraho ati: «Umwe ariho»—uwa gatandatu ni we wari ku butegetsi. «Undi ntaraza; kandi naza azaba akwiriye kumara igihe gito.» Mu gusoza, «Ya nyamaswa yariho ikaba itakiriho, iyo ubwayo ni uwa munani, nyamara kandi ni umwe muri ba bandi barindwi.»

Duhereye kuri aya makuru atangwa ku bami barindwi, dusobanukirwa ko igihe wa wundi «wari utaraza» ubwo Yohana yandikaga, azaba ageze ku ngoma, hano yitwa uwa munani, nubwo ari «umwe muri barindwi,» bisobanuye ko yafashe kandi agakoresha ubutware bwabo. Uyu ni we dushaka gukurikirana imitegekere ye. Kuri uyu ni ho havugwa amagambo ngo: «arajya kurimbuka,» bisobanuye kurimbuka buheriheri. Ibi bisubiramo amagambo yavuzwe mu murongo wa 8 ku bijyanye n' «inyamaswa wabonye,» ari na yo «nyamaswa isa n'umuhemba» umugore yari yicayeho. Twerekanye yuko iyi nyamaswa ishushanya ubutegetsu bwa gisivile, bwa bundi bunyura mu bika birindwi, dukurikije inkuru dufite hano, ikaba ishushanywa n'inyamaswa isa n'ingwe iboneka mu Byahishuwe 13, kugeza igihe uwa karindwi abonetse agakomeza kugeza ku mperuka. Kubera ko twarangije kwerekana ko ubupapa bwakomotse mu bwami bwa Roma ya gipagani kandi bukayisimbura, tugomba kwanzura yuko umutwe wa munani (wa wundi wahoze ari umwe muri irindwi, kandi ugakoresha imbaraga zayo), ushushanya ubupapa n'uruvange rwabwo rw'inyigisho z'ingirwabukristo n'ubupfumu bwa gipagani n'imigenzo.

UMURONGO WA 12 “Ya mahembe cumi wabonye ni yo bami cumi batarima, ariko bahabwa gutegekera hamwe na ya nyamaswa nk'abami kumara isaha imwe. 13 Abo bahuje inama, baha ya nyamaswa imbaraga zabo n'ubutware bwabo. 14 Bazarwanya Umwana w'Intama, ariko Umwana w'Intama azabanesha, kuko ari we Mutware utwara abatware n'Umwami w'abami, kandi abari hamwe na we bahamagawe batoranijwe bakiranutse na bo bazayinesha.”

Amahembe Cumi.—Kuri iyi nsanganyamatsiko, reba ubusobanuro bwatanze muri Daniyeli 7:7, aho amahembe cumi yerekanwa ko ashushanya ubwami cumi buzaduka bukomotse mu bwami bwa Roma. Ubu bwami buhabwa ububasha bwo gutegeka isaha imwe (ijambo “hora” ryerekana igihe kitazwi neza uko kingana) bufatanyije n'inyamaswa. Ni ukuvuga ko bamara igihe runaka bategekera hamwe n'inyamaswa, ndetse muri icyo gihe ububasha bwabo [ubwo bwami cumi] n'imbaraga zabo babyegurira inyamaswa.

Uwitwa Koroli (Croly) aduha ubusobanuro bw'umurongo wa 12 agira ati: “Ubuhanuzi busobanura igihe cy'ubupapa binyuze mu kubaho k'ubwami cumi bwo mu gice cy'Uburengerazuba. Bahabwa gutegekera hamwe na ya nyamaswa nk'abami kumara isaha imwe.” Aya magambo yakagombye guhindurwa ngo ‘mu gihe kimwe’ (*mian horan*). Ubwami icumi buzategekera hamwe icyarimwe, mu buryo bunyuranye n'ubw'imitwe irindwi aho umwe wategekaga ari uko undi uvuyeho.”

Nta gushidikanya iyi mvugo irengurira ku gihe cyahise, igihe ubwami bw'Uburayi bwari buhuriye hamwe bwose mu gushyigikira ubupapa. Uko ubu bwami amaherezo bufata ubupapa bigaragazwa mu murongo wa 16, ahavugwa ngo “bizanga maraya uwo bimunyage bimucuze birye inyama ze, bimutwike akongoke.” Amahanga yo mu Burayi yamaze imyaka myinshi

akora umugabane umwe w'uyu murimo. Kuwurangiza, kumutwikisha umuriro agakongoka bizasohozwa igihe Ibyahishuwe 18:8 hazaba hasohoye.

“Bazarwanya Umwana w'Intama.» (Umurongo wa 14). Hano tuba twerekejwe mu gihe kizaza, ubwo hazabaho intambara ikomeye kandi iheruka, kubera ko muri icyo gihe Umwana w'Intama ahabwa izina ry'Umwami w'abami n'Umutware utwara abatware, ari ryo zina ry'icyubahiro ahabwa igihe aba arangije umurimo we w'ubuhuza nk'umutambyi ku iherezo ry'igihe cy'imbabazi. (Ibyahishuwe 19:11-16).

UMURONGO WA 15 Nuko arambwira ati “Ya mazi wabonye wa maraya yicaraho, ni yo moko n'amateraniro y'abantu n'amahanga n'indimi. 16 Ya mahembe cumi wabonye na ya nyamaswa bizanga maraya uwo, bimunyage bimucuze birye inyama ze, bimutwike akongoke. 17 Kuko Imana yashyize mu mitima yabyo gukora ibyo yagambiriye, no guhuza inama no guha ya nyamaswa ubwami bwabyo, kugeza aho amagambo y'Imana azasohorera. 18 “Wa mugore wabonye ni we wa mudugudu ukomeye utegeka abami bo mu isi.”

Amaherezo ya Maraya.—Mu murongo wa 15 tuhafite ubusobanuro bweruye bw'ikimenyetso cy'amazi gikoreshwa mu Byanditswe. Amazi yerekana amoko, amateraniro y'abantu, amahanga, n'indimi. Igihe yarimo akangurira intekerezo ze kwita kuri iyi nsanganyamatsiko, Marayika yabwiye Yohana ko yari kumwerekaga iteka maraya ukomeye azacirwaho. Mu murongo wa 16 iryo teka rirasobanurwa.

Iki gice cyerekanye neza mu buryo bwihariye nyina (w'abamaraya), cyangwa Babuloni y'Ubugatulika. Niba nta kwihenda dufite, igice gikurikiraho cyerekana imiterere n'iherezo ry'irindi shami rikomeye rya Babuloni rigizwe n'abakobwa b'ababamaraya.

KURIMBUKA KWA BABULONI YO MURI IKI GIHE

IBYAHISHUWE 18

UMURONGO WA 1 Hanyuma y'ibyo mbona marayika wundi amanuka ava mu ijuru afite ubutware bukomeye isi imurikirwa n'ubwiza bwe. 2 Arangurura ijwi rirenga ati "Iraguye iraguye, Babuloni ikomeye! Ihindutse icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga byose bihumanye kandi byangwa. 3 Kuko amahanga yose yanyoye inzoga ari zo ruba ry'ubusambanyi by'uwo mudugudu, kandi abami bo mu isi basambanaga na wo, abatunzi bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo no kudamarara."

Hari igikorwa runaka kizakorwa n'ububasha bukomeye kivugwa muri iyi mirongo. (Reba ubusobanuro bwatanze mu murongo wa 4 w'iki gice). Kwita ku bihamya bimwe bizatuyobora ku busobanuro mu buryo tudashobora kwibeshya. Mu Byahishuwe 14 twahabonye ubutumwa butangaza kugwa kwa Babuloni. Babuloni ni ijambo ridahuriza hamwe ubupagani n'itorero Gatulika ry'i Roma gusa, ahubwo hiyongeraho n'indi miryango y'iyobokamana yitandukanyije n'iryo torero nyamara ikajyana amakosa n'imigenzo byaryo ikabigumana.

Kugwa mu bya Mwuka.—Kugwa kwa Babuloni kuvugwa hano ntigushobora kuba kurimbuka kugaragara kubera ko hari ibintu bigomba kubaho muri Babuloni nyuma yo kugwa kwayo bityo ibyo bikaba bituma iki gitekerezo kitakwemerwa. Nk'urugero, ubwoko bw'Imana buri muri Babuloni nyuma yo kugwa kwayo, kandi buhamagarirwa kuyisohokamo kugira ngo budahabwa ku byago byayo ari na byo bikubiyemo no kurimbuka kwayo. Kubw'ibyo rero, kugwa kwayo kugomba kuba ari ukugwa mu bya Mwuka, kubera ko ingaruka yako ari uko ihinduka icumbi ry'abadayimoni, aharindirwa imyuka mibi yose n'ibisiga byose bihumanye kandi byangwa. Ibi ni ibintu biteye ubwoba byerekana ubuhakanyi; nk'ingaruka yo kugwa kwayo, irundanya ibyaha bikagera ku ijuru, bityo igahinduka iyo gucirwaho iteka n'Imana kandi iryo teka ntirishobora gutinda.

Noneho ubwo kugwa kuvugwa hano ari uko mu buryo bw'umwuka, kugomba no gufata ku mashami ya Babuloni ari hanze y'ubupagani cyangwa imigabane y'ubupapa; kubera ko uherye mu ntangiriro y'amateka yabo, ubupagani bwabaye iyobokamana ry'ibinyoma, noneho ubupapa bwo buba iyobokamana ry'ubuhakanyi. Na none kandi, kubera ko uku kugwa kuvugwa ko kuzabaho mbere gato yo kurimbuka guheruka kwa Babuloni, nta gushidikanya uru ruhande rwo guhaguruka no kunesha kwahanuwe ku itorero ry'ubupapa. Ubu buhamya ntibushobora guhuzwa n'imiryango y'iby'iyobokamana iyo ari yo yose, uretse ya yindi yakomotse muri iryo torero. Iyi miryango yatangiranye n'ubugorizi. Yakoze neza mu gihe runaka, kandi ishimwa n'Imana; nyamara imaze kuzana zimwe mu nyigisho z'ibinyoma byaryo ikabishyira muri yo, kandi ikikingiranira mu ruzitiro rw'indangakwemera zabo, bari bananiwe gukomeza guteza imbere umucyo w'ukuri k'ubuhanuzi. Ibi byabasize ahantu amaherezo bagiye bakuza kamere yo kwangwa urunuka mu maso y'Imana, mbese bagira kamere nka ya yindi y'itorero baturutsemo.

Uwitwa Alegizandere Kambeli (Alexander Campbell) washinze itorero ryitwa Abigishwa ba Kristo aravugaga ati: "Ivugururwa ry'ubupapa ni ikintu cyageragejwe mu Burayi mu myaka magana itatu ishize. Ryashoreje mu nzego z'Ubugorizi, n'amatsinda menshi y'abatavugaga rumwe na bwo. Ubugorizi nabwo bwavugururwe buvukamo Abapresibiteriyene, na bo bakora ubugorizi bahinduka Abakongeregasiyonalisiti, aba na bo baza guhinduka Ababatisita, bityo bityo. Ubumetodisiti bwagerageje kugorora ayo matorero yose yabanje, nyamara birangira Ubumetodisiti ubwabwo bwivugururwe buvukamo amatsinda menshi y'abayoboze b'inyigisho z'uwitwa Wesleyi (Wesley). ... Bose uko bakabaye bagumanye ibisigisigi bitari bimwe by'ubupapa mu miterere yabo shingiro (mu miterere y'inzeho z'imiyoborere y'itorero, mu misengere, amahame n'inyigisho, ndetse n'imigenzo). Bakoze ibishoboka byose ngo bagorore ubupapa, nyamara ubugorizi bakoze ni ubwigice. Nyamara inyigisho n'imigenzo by'abantu byangiza ububasha n'amajyambere y'ubutumwa bwiza bwari mu biganza byabo."³⁷⁸

Ubuhamya bwinshi bwashobora gutangwa n'abantu mu nzego zikomeye zo muri ayo matorero anyuranye, bwaba bwanditswe, hatagamijwe intego yo kurwanya abantu cyangwa kugaragaza amakosa yabo, ahubwo ari ukugaragaza urwego ruteye ubwoba aya matorero yagezeho agwa. Ijambo Babuloni nk'uko rikoresheye kuri yo, ntabwo ari ijamba ryo kunyega, ahubwo ni imvugo urudubi n'uruvange rw'ibyo abantu bubwira biboneka muri yo. Ntabwo byari ngombwa ko Babuloni igwa. Iyo iza kwakira ukuri yashoboraga gukira (Yeremiya 51:9), ariko yarakwanze.

Binyuze mu kwanga kwakira ukuri ko kugaruka kwa Kristo no kwanga ubutumwa bwa marayika wa mbere, amatorero yanze kugendera mu mucyo mwinshi wamurikiraga inzira banyuragamo uturutse ku ntebe ya cyami

³⁷⁸ Alexander Campbell, *Christian Baptism*, p. 15.

y'Imana. Ingaruka yabaye urudubi ndetse no kutumvikana hagati yayo. Imibereho y'ab'isi n'ubwibone biragenda vuba vuba bigomwa ikimera cyose igikuriro mvajuru cyari gifite.

Nyamara muri iki gice turongera tukabona havugwamo kugwa kwa Babuloni. Mu masomo yabanjirije aya, kwakurikiye kuvugwa k'ubutumwa bwa marayika wa mbere, kandi itangazo ryaturutse ku Mana icyo gihe ryaravugaga ngo: "Nuko marayika wundi akurikiraho avuga ati 'Iraguye iraguye Babuloni.'" Itangazo ryavuye mu ijuru nyuma yaho ni iri ngo: "Arangurura ijwi rirenga ati 'Iraguye iraguye, Babuloni ikomeye! Ihindutse icumbi ry'abadayimoni.'" Hano tuhabona indi ntambwe yakurikiyeho yo gukuza ubuhakanyi, kandi impapuro nkeya zikurikira izi zizahishura urwego iki gika giheruka cyo kugwa kwa Babuloni cyagezeho.

Igihe uku Kugwa Kwabereyemo.—Mbese ni ikihe gihe gihura n'amagambo yo muri iyi mirongo? Mbese iki gikorwa gishobora gushakirwa hehe? Niba iyi myumvire duhagazemo ari iy'ukuri, ko aya matorero, ishami rya Babuloni yagize kugwa mu by'umwuka bitewe no kwanga ubutumwa bwa marayika wa mbere bwo mu Byahishuwe 14, gutangazwa k'ubutumwa bwo muri iki gice tugezeho ntikwashoboraga gukorwa mbere y'icyo gihe. Ntigushobora gukorerwa mu gihe kimwe na bwa bundi, kubera ko icyo bwa bundi bukora ari ugutangaza kugwa kwa Babuloni gusa, mu gihe ubu bwo bwongeraho n'izindi ngingo zihariye zari zitarazohora cyangwa ngo zibe zari zanatangira urugendo rwo gusohora. Bityo rero tugomba kureba kuri uru ruhande rwo mu mwaka wa 1844, ubwo ubutumwa bubanza bwatangwaga, kubera ko gutangazwa kwabwo kugaragazwa muri iki gice. Nuko rero turabaza tuti: "Mbese hari ubutumwa bumeze butya bwigeze gutangwa uherye icyo gihe kugeza ubu? Igisubizo ni Yego. Muri iki gihe turi kumva ubutumwa bwa marayika wa gatatu, ari na bwo butumwa buheruka bugomba gutangwa mbere yo kugaruka k'Umwana w'Umuntu. Kubera ko kudohoka kw'abari mu isi mu by'iyobokamana kwagiye kwiyongera, ubwo butumwa bwongerewe imbaraga n'umuburo uboneka mu Byahishuwe 18:1-4, bityo bugize umugabane w'ubutumwa bwa marayika wa gatatu ari na bwo buri kubwirizanywa imbaraga kandi bukamurikishiriza isi ubwiza bwabwo.

Umurimo w'Inyigisho zo Gukorana n'Imyuka Mibi.—Igika cya kabiri cy'umurimo twagaragarijwe mu murongo wa 2 kiri mu nzira yo gusohozwa, kandi bidatinze kizarangira binyuze mu murimo w'imyuka mibi. Ibyo mu Byahishuwe 16:14 hita "imyuka y'abadayimoni" ikora ibitangaza, biri gukora mu ibanga nyamara mu buryo bwihuse, bishakira inzira mu matsinda y'iby'iyobokamana yavuzwe haruguru. Indangakwemera zatunganijwe binyuze mu mbaraga z'inzoga (inyigisho z'ibinyoma) za Babuloni, kimwe muri byo ni uko ngo imyuka y'inshuti zacu zapfuye itekereza, ifite ubwenge, kandi ikorera ahatuzengurutse.

Ikintu kimwe gikomeye mu biranga umurimo w'imyuka mibi muri iki gihe, ni umwambaro w'idini yambaye. Nubwo iba yahishe mu mugongo

amahame nyamukuru yayo, ayo imaze gushyira imbere ku rwego rukomeye kugeza ubu, muri iki gihe ishaka kwigaragaza nk'ikwiriye kubahwa nk'andi matsinda abwiriza iby'iyobokamana mu gihugu. Mu mvugo ijya kumera nk'iy'Aborutodogisi ndetse nk'abandi bakristo bose b'umwimerere, inyigisho z'imyuka zivuga ku cyaha, kwihana, umurimo wo guhongerera, ndetse no ku gakiza kabonerwa muri Kristo. Mbese [imyuka] iramutse yifubitse umwambaro nk'uho w'ibyo ivuga, ni iki cyayibuza gucengera mu madini hafi ya yose ya gikristo? Twerekanye ko ishingiro ry'imyuka ari ukudapfa k'ubugingo nk'inyigisho shingiro mu ndangakwemera y'amatorero hafi ya yose. Nonese ni iki cyakiza abakristo ntibashukwe n'iyi mbaraga yayo iyobya?

Muri iki ni ho haboneka indi ngaruka iteye agahinda yo kwanga ukuri kwahawe abari mu isi binyuze mu butumwa buri mu Byahishuwe 14. Iyo amatorero aza kuba yarakiriye ubu butumwa, aba yarabonye ingabo iyakingira iki gishuko; kuko mu kuri gukomeye kwigishijwe n'itsinda ry'iyobokama ryahagurutse muri icyo gihe cyo gukangurira abantu kwitegura kugaruka kwa Kristo harimo inyigisho y'ingenzi ivuga ko ubugingo bw'umuntu muri kamere yabwo budafite kudapfa; kandi ko ubugingo buhoraho ari impano ya Yesu Kristo, ndetse ko bubasha kuboneka gusa binyuze muri We. Iri tsinda ryigisha kandi ko abapfuye ntacyo bazi; kandi ko ingororano n'ibihano bizatangwa mu gihe kizaza nyuma y'umuzuko n'umunsi w'urubanza.

Uku kuri kumenagura bikomeye inyigisho shingiro y'imyuka. Mbese ni hehe inyigisho nk'iyi yabona aho ishingira ikirenge mu bitekerezwa bikomejwe n'uku kuri? Inyigisho z'imyuka ziraza zikavuga ko ari ubugingo butandukanijwe n'umubiri, cyangwa umwuka w'umuntu wapfuye. Umuntu abasha kuwutsinda avuze yuko ubwo bugingo cyangwa uwo mwuka atari wa wundi umuntu aba afite; ko ahubwo "abapfuye ntacyo bazi;" ko ibyo wivugaho atari byo, ko ari ikinyoma, kandi ko ubuhanga wiyitirira byerekana ko ari uwo mu isinagogi ya Satani. Muri ubwo buryo ukangwa, ndetse n'ibibi wajyaga gukora bigakumirwa mu buryo bwiza. Nyamara imbaga nini y'abanyamadini irwanya ukuri kwashoboraga kubakingira muri ubu buryo, maze muri ubwo buryo bakaba bishyize aho uku kwigaragaza kw'uburyarya bwa Satani kubasha kubageraho.

Ukwishyira Ukizana ko mu Gihe cy'Amajyambere.—Mu gihe inyigisho z'iby'imyuka ziri gukora zitya, impinduka zitangaje ziri kwigaragaza mu myanya ikomeye y'amatorero amwe n'amwe. Guhemukira Imana ko muri iki gihe binyuze mu mazina yo kuyobya abantu nka "siyansi," "kujora ibintu mu rwego ruhanitse," "ihindagurika," no "kwishyira ukizana ko mu gihe cy'amajyambere" kwarangije gucengera mu mashuri hafi ya yose yo mu gihugu yigisha iyobokamana, kandi ku rwego rukomeye, kwarangije kugaba ibitero simusiga mu matorero ya giporotestanti.

Ibitekerezwa bya rubanda byahatiwe gukangukira kwita ku kuntu ibintu bimeze bikoze n'umwanditsi witwa Bwana Harold Bolce mu kinyamakuru

cyitwa *Cosmopolitan Magazine* cyanditswe muri Gicurasi 1909. Nyuma yo gukora ubushakashatsi ku miterere y'inyigisho zarimo zitangwa muri zimwe muri kaminuza zikomeye kurusha izindi mu gihugu, yatangaje ibyo yari yagezeho mu bushakashatsi bwe muri icyo kinyamakuru cyitwa *Cosmopolitan*, ari cyo umwanditsi yahereyeho yandika aya magambo akurikira. Yarangitse ati:

"Ibyo Bwana Bolce yerekana hano ni ibintu bifite imiterere itangaje cyane. Muri gahunda y'amasomo yo mu mashuri yo muri Amerika, inkubiri ifite imbaraga irimo irandura urufatiro rwa kera, maze igasezeranira abantu inzira y'igitekerezo n'imibereho bizana impinduramatwara. Abadaturanye n'amashuri akomeye yo mu gihugu bazatangara nibamenya indangakwemera ziri gushimangirwa mu mashuri yo muri za kaminuza zacu zikomeye. Mu byumba by'amashuri amagana menshi buri munsu hari kwigishwa ko Amategeko Cumi y'Imana atera kurusha ibitabo by'abanyeshuri birimo amasomo biga; ko umuryango ari gahunda y'imibereho iciriweho iteka; ko nta bintu bibi biriho bizwi mu buryo budasubirwaho; bigisha ko gutandukira imico mbonera ari ugukora igikorwa kinyuranye gusa n'amahame ngenderwaho y'umuryango mugari umuntu abarizwamo. ... Izi ni zimwe mu nyigisho z'impinduramatwara kandi zishimisha abantu zishyirwa mu bwenge bw'ibihumbi n'ibihumbi by'abanyeshuri bo muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika mu buryo bwemewe n'ubuyobozi bw'amashuri.»³⁷⁹

Ingaruka zo kwishyira ukizana ko mu bihe by'amajyambere zimaze igihe zigaragara cyane mu murimo w'amatorero y'Abaprotestanti. Abanditsi bo mu mahuriro anyuranye y'iyobokamana banditse mu mudendezo wabo berekana ko abantu batagikunze ibibwirizwa by'ubutumwa bwiza kandi berekana ko habayeho kudohoka mu murimo w'ibwirizabutumwa mu buryo bw'umwihariko. Umwanditsi umwe avuga uko ibintu byari bimeze muri aya magambo:

«Ku rwego rukomeye cyane, nkeka ko amatorero yacu yahindutse amanyantegenke, akaba ashidikanya ku mugambi wayo, akaba adafite ubuzima, ndetse akarangwa no kutagira icyubahiro kandi akaba adasobanukiwe n'itegeko yayo. Icyagati cy'amateraniryo yose aba yateranye kiba cyibanda by'umwihariko ku gukusanya amafaranga ahagije yo guhamba umupasitoro no gusana imitungo y'amatorero. Imitima yabo nticyemezwa ku rwego rwimbitse ko 'hari inkuru dukwiriye kubwira amahanga.' Ubutumwa bwiza bw'agakiza ndetse n'umurimo wo kwamamaza ubutumwa nk'uko bikwiriye gukorwa mu isi yose warorohejwe bawufunguramo imyitwarire yo kubahiriza inshingano no gushimisha abantu gusa, bityo itorero ryahindutse umuryango w'abantu beza bishakira ko imigisha ituruka mu iyobokamana ibageraho mu bihe bumva bashyizwe hejuru cyangwa mu bihe by'ishavu, nyamara bakaba bashimishwa cyane no kwihunza ntibaboneke mu itorero no mu nshingano ryahawe n'Imana igihe cyose baba bagishoboye kwifubika umwambaro w'icyubahiro ubahuza no

³⁷⁹ *Cosmopolitan Magazine*, May, 1909, p. 665.

kuba bamwe mu bagize itorero. Mbese iki ni ikimenyetso kirimbuzi cyerekana ko itorero rigeze habi?»

Undi mwanditsi avuga ku nyifato y'amatorero ku bijyanye n'umurimo bahawe agira ati:

«Ikijyana n'uko bake gusa mu bagize itorero batanga babikuye ku mutima, ni impinduka mu kwizera ibijyana n'inshingano bahawe. Abagize inama zishinzwe umurimo w'ibwirizabutumwa bashobora kwemera badashidikanya ko kugabanuka kw'umutungo bakira guterwa n'imisoro yazamutse maze ikagabanura ibyo umuntu yinjizaga, nyamara abapasitoro begereye kandi bahura n'abatangaga babona ko hari ukwiyongera guhamye ko kwanga gutanga impano zagenewe kwagura umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza ngo burenge imbibi z'igihugu. Umubare w'abagize itorero b'indahemukomeje ko 'batizera ibijyanye n'ibwirizabutumwa' uagenda wiyongera. ...

«Icyagati cy'ibyo umwizera umwe atanga ku mwaka ngo bikoreshwe mu itorero, mu matorero 22 atari ay'Abanyaroma muri iki gihe, cyerekana ko ari amadolari 11,28 atangirwa kwifashishwa mu bikenerwa n'itorero abarizwamo ku madolari 2,19 atangirwa gukoreshwa mu murimo w'ahandi....

«Icyagati cy'impano ziyongera ku byo itorero rikora ngo ryiteze imbere zavuye kuri 29,69 ku ijana z'ibyinjira byose mu itorero Ryishyize hamwe ry'Abaperisepiteriyene ziragenda zigera kuri 11,14 ku ijana, mu Babatisita, na 12,30 ku ijana mu Bametodisiti ndetse na 10,02 ku ijana mu bayoboke b'inyigisho za Wesley. Ni igitangaza gito dushishikarizwa 'kongera gutekereza ku murimo w'ivugabutumwa'»³⁸⁰

Dore ingaruka zivugwa ko zakurikiyeho:

«Mu gihe ishyaka mu ivugabutumwa ryagendaga ricogora, imiterere y'ibintu yarushagaho kugorana bitewe no guhishurirwa ko abandi bantu batari ababwirizabutumwa bari guhabwa inshingano bakoherezwa gukora umurimo mu mahanga. Aba bari abantu 'bigerezaho' bo mu 'gisekuru gishya,' 'abaremyi b'isi nshya' kandi bari buzuwe n'ubushyuhe bushingiye ku mibanire y'abantu....

«Kubwiriza abari mu isi byongeye gukubitwa ikiboko bikomeye binyuze mu byavuye mu bushakashatsi bugendereye kujora bwakozwe n'Abalayiki bagamiye gukurikirana uko umurimo ukorwa mu bihugu by'amahanga. Nubwo icyari kigenderewe muri ubu bushakashatsi bwatangiye mu mwaka wa 1930 bukageza mu 1933, kwari 'ugufasha abalayiki kugaragaza inyifato yabo ku byerekeranye n'umurimo w'ibwirizabutumwa mu bihugu by'amahanga bakoresheje kongera guha agaciro imirimo nk'iyi mu isi yo muri iki gihe,' nta gushidikanya ntabwo bari bafite intego yo kongera gutanga isura nshya gusa, ahubwo bari banagendereye kongera amafaranga

380 Dale D. Welch, "Real Issues and Great Choices," *The Presbyterian*, January 9, 1941, p. 3.

atangwa. Ingaruka yabyo yabaye guteza amakimbirane no kugabanya gutanga.»³⁸¹

Umusaruro w'Ubuhakanyi.—Uhereye kuri iyi shusho ibabaje, ndetse no mu gihe cyose abantu nk'aba bazaba ari bo bayoboye, mbese hazashira igihe kingana iki mbere yuko Babuloni ihinduka icumbi ry'abadayimoni n'ibisiga bihumanye kandi byangwa urunuka? Mbega amajyambere amaze kugerwaho muri iki cyerekezo! Mbega ukuntu abantu bubahaga Imana bo mu gisekuru cyabayeho mbere y'itangwa ry'ubutumwa bwa marayika wa mbere bashoboraga kumva inyigisho kandi bakitegereza imigenzereze y'abanyamadini, bari guhagarara bahinda umushyitsi kubera ubwoba butewe n'itandukaniro riri hagati y'igihe cyabo n'igihe cyacu, maze bakamagana uku gucika intege guteye agahinda! Nyamara ijuru ntirizicecekerako ngo rireke ibintu gutyo. Ubutumwa bufite imbaraga buri kuvugwa, bukungurira abari mu isi bose kwita ku birego biteye ubwoba biregwa imiryango y'iyobokamana itari iyo kwizerwa kandi yacitse intege, ko ubutabera bw'amateka y'Imana azakurikiraho ashobora kubageraho ku mugaragaro.

Umurongo wa 3 werekana urwego rwagutse rw'imbaraga ya Babuloni ndetse n'ikibi cyayikomotsemo kandi kizakomoka mu nzira zayo n'uburyo igihano izahabwa kizaba gikwiriye. Abacuruzi bo mu isi bagatungishwa n'ubwinshi bw'ubutunzi bwawo no kudamarara kwawo. Ni bande baba ab'imbere mu gupfusha ubusa muri iki gihe? Ni bande buzuza ameza yabo ibyo kurya bikungahaye kandi bitoranyijwe? Ni bande b'ibanze mu kwaya umutungo mu myambaro n'ibindi byose birangaza abantu? Ni bande baba ibyitegerereze mu bwibone n'ubwirasi? Mbese abagize itorero si bo baza ku ruhembe rw'imbere mu bakurikirana inyungu z'isi n'ibintu by'ubwibone mu by'ubu bugingo?

Ariko hari ikintu cyerekana gucungurwa kiboneka muri iyi shusho. Nubwo Babuloni nk'urugaga runini yaguye, nta tegeko ritagira irengayobora; kubera ko Imana igifitemo abantu, kandi Babuloni igomba gukomeza kubarwaho ibyabo kugeza ubwo abantu bose bazitaba irarika bazahamagarirwa kwitandukanya nayo. Ariko nta nubwo bizaba ngombwa ko bategereza igihe kirekire cyane ngo ibi birangire. Bidatinze Babuloni izahindurwa rwose n'umusemburo w'imbaraga z'abakozi babi ku buryo imiterere yayo izagaragarira rwose abantu bataryarya mu mitima yabo, kandi inzira izaba iteguriwe umurimo intumwa Yohana igiye kutubwira ubu.

UMURONGO WA 4 Numva irindi jwi rivugira mu ijuru riti "Bwoko bwanjye, nimuwusohokemo kugira ngo mwe gufatanya n'ibyaha byawo, mwe guhabwa no ku byago byawo. 5 Kuko ibyaha byawo byarundanijwe bikagera mu ijuru, kandi Imana yibutse gukiranirwa kwawo. 6 Muwiture

³⁸¹ Phillips Endecott Osgood, "How Much Do you Help the Church?" The Atlantic Monthly, January, 1940, p. 56, footnote.

ibihwanye n'ibyo wabagiriye, kandi muwusagirizeho kabiri ibikwiriye ibyo wakoze. Mu gikombe wafunguragamo, muwufunguriremo kabiri. 7 Nk'uko wihimbazaga ukidamararira ukishima ibyishimo bibi, mube ari ko muwuha kubabazwa agashinyaguro no kuboroga, kuko wibwira uti 'Nicara ndi umugabekazi sindi umupfakazi, ni cyo gituma nta gahinda nzagira na hato.' 8 Ku bw'ibyo, ibyago byawo byose bizaza ku munsu umwe, urupfu n'umuborogo n'inzara kandi uzatwikwa ukongoke, kuko Umwami Imana iwuciriye ho iteka ari iy'imbaraga."

Ijwi rituruka mu ijuru ryerekana ko ari ubutumwa bw'imbaraga buherekejwe n'ubwiza bw'ijuru. Mbega ukuntu kuhagoboka kw'ijuru kwigaragaza cyane, n'uburyo abakozi Imana ikoresha mu kurangiza umurimo wayo biyongera uko ibihe bikomeye birushaho kwegereza! Iri jwi rivugira mu ijuru ryitwa «irindi» jwi, byerekana ko hano hajemo ikindi gikoreshe gishya. Noneho ubu dufite intumwa enye mvajuru zivugwa ko zitabiriye umurimo uheruka w'ivugurura mu iyobokamana. Mu Byahishuwe 14 hari marayika wa mbere, uwa kabiri n'uwa gatatu. Marayika wa kane aboneka ku murongo wa mbere w'iki gice cya 18; noneho intumwa ya gatanu ikerekanwa n' «ijwi» riri aha imbere yacu. Abatatu bo muri bo bamaze igihe batangiye umurimo. Marayika wa kabiri yiyongereye ku wa mbere, noneho uwa gatatu na we aza kwifatanya na bo. Uwa mbere n'uwa kabiri ntibarahagarika umurimo wabo. Ubu bose uko ari batatu bafatanyirije hamwe gutangaza ubutumwa butatu bukubiyemo. Marayika uri ku murongo wa mbere wo muri iki gice atangira umurimo igihe ibintu biteguwe neza kugira ngo umurimo we utangire. Irarika ry'Imana rivugira mu ijuru ribwira abantu gusohoka muri Babuloni ribaho mu buryo bujyaniranye n'umurimo w'uwo marayika.

«Bwoko Bwanjye Nimuwusohokemo.»—Igihamba cyamaze gutangwa cyerekana ko ubutumwa buri ku murongo wa mbere n'uwa kabiri y'iki gice bujyanirana n'ubutumwa butatu bukubiyemo buri gutangwa. Igitekerezo cy'aho bugera n'imbaraga bufite gishobora kumenywa hashingiwe ku buryo uwo marayika asobanurwamo. Bivugwa ko ubutumwa bwa marayika wa mbere buvugwa mu «ijwi riranga». Ayo magambo na none akoreshwa kuri marayika wa gatatu; nyamara uyu mumarayika aho kugira ngo aguruke «aringanije ijuru» gusa nk'uko byagenze ku bandi, bivugwa ko «yamanutse aturuka mu ijuru.» Azana ubutumwa bukomeye kandi bwahuranyije. Afite «ubutware bukomeye» kandi isi «imurikirwa n'ubwiza bwe.» Muri Bibiliya yose ntaho wabona gusobanurwa k'ubutumwa buvuye mu ijuru buzaniwe umuntu mu buryo bumeze butya. Ubu butumwa ni ubwa nyuma, kandi nk'uko bigaragara, buzana n'ubwiza buheranije ndetse n'ubutware budasanze. Ni isaha iteye ubwoba, igihe ahazaza habari mu isi hagomba gufatirwa icyemezo—ni ibihe bikomeye cyane, ni igihe abantu bose bagize igisekuru kimwe cy'umuryango w'inyokomuntu bagomba gutambuka imbibi z'igihe cyo kwemererwamo, akaba ari igihe ijwi ry'imbabazi riheruka rizaba rivuze.

Mu gihe nk'icyo, abari mu isi ntibagomba kurekwa bataburiwe. Ibihamba bikomeye cyane bigomba kugaragazwa neza bigateguza abantu kugira ngo

hatazagira ubona urwitwazo rwumvikana yuko atigeze amenya iby'akaga kari kamutegereje. Urwitwazo rwose rugomba kuvanwaho. Ubutabera no kwihangana n'imbabazi z'Imana bitindije igihe cyo guhora kwayo, kugeza ubwo abantu bose bazaba bamaze kubona amahirwe yo kumenya ubushake bwayo no kubona igihe cyo kwihana, maze bikabona gusohozwa. Marayika atumwa afite ubutware bw'ijuru. Umucyo uzengurutse intebe y'ubwami uramugose. Aza mu isi. Nta muntu n'umwe wananirwa kubona ubwiza bwe keretse wa wundi wapfuye mu by'umwuka, ari we wa wundi «wapfuye kabiri, ndetse akaranduranwa n'imizi.» Umucyo urasira ahantu hose. Ahantu hacuze umwijima haramurikirwa. Igihe ubwiza bwe butatanywa umwijima, ijwi rye rimeze nk'amajwi yo guhinda kw'inkuba ritangaza umuburo. Avugana imbaraga nyinshi. Ntabwo avugira itangazo rye mu bwihisho, ahubwo avuga ijwi riranguruye, guhamagara *gufite imbaraga*, gutabaza kw'ijwi rikomeye.

Ubusembwa kirimbuze buri mu byo itorero ry'ab'isi rihamya butungwa agatoki. Ibinyoma byabo byongeye gushyirwa ubuheruka. Ukudatungana k'urugero rukwiriye rwo kubaha Imana muri iki gihe kugira ngo kubashe guhangana n'akaga gaheruka kurashimangirwa mu buryo budashobora kwibeshywaho. Isano idashidikanywaho iri hagati y'ibinyoma byabo biziritseho no kurimbuka kw'iteka kutagira rutangira iravugwa kugeza ubwo isi yose yumvikanamo ijwi rirenga. Hagati aho, ibyaha bya Babuloni ikomeye birarundanywa bikagera mu ijuru, kandi gukiranirwa kwayo kwibukwa imbere y'Imana. Umugaru wo guhora uregeranywa. Bidatinze, uzasandarira ku mudugudu w'urudubi, kandi Babuloni ifite ubwibone izamanuka ikuzimu nk'uko urusyo ruhamya ku ndiba y'inyanja.

Mu buryo butunguranye irindi jwi rivugira mu ijuru riti: «Bwoko bwanjye, nimuyisohokemo!» Abana b'Imana bicisha bugufi, bataryarya kandi bayiyeguriye basigaye baniha kandi bakarizwa n'ibizira bikorerwa mu guhugu, bazumvira iryo jwi, biyuhagireho ibyaha byayo bive ku biganza byabo, bace ukubiri n'umushyikirano bagiranaga na Babuloni, bahunge maze bakizwe, mu gihe Babuloni izaba igerwaho n'amateka y'ukuri y'Imana. Ibi ni ibihe byo gukanguka ku itorero. Nimutyo twitegure ibyo bihe bikomeye.

Kuba ubwoko bw'Imana buhamagarirwa gusohoka ngo budafatanywa ibyaha bya Babuloni, byerekana ko abantu babarwaho icyaha cyo gufatanywa na Babuloni nyuma y'igihe runaka.

Umurongo wa 6 n'uwa 7 ni itangazo rya gihanuzi rivuga ko Babuloni izagororerwa cyangwa igahanwa hakurikijwe imirimo yayo. Zirikana ko ubu buhamya bwerekeza kuri wa mugabane wa Babuloni uvuga ibyo kugwa mu bya Mwuka. Nk'uko byerekanwe mbere, bigomba gusohorezwa ku «bakobwa,» ari yo matorero yinangira agakomeza kwizirika ku mico ya «nyina» kandi bagakomeza kwisanisha n'umuryango wa Babuloni. Abangaba nk'uko bagaragajwe mbere, bazagerageza gukora itoteza ritsembaho bibasiriye ukuri n'ubwoko bw'Imana. Aba ni bo «bazarema

igishushanyo cy'inyamaswa». Aba bazagira ikizababera imikorere mishya kuri bo—ari yo gukoresha intwari ya gisivile kugira ngo bahatire abantu inyigisho n'amahame byabo.

Nta gushidikanya uku kwangirizwa k'ububasha kuzaba kubayeho ubwa mbere ni ko gutera iri shami rya Babuloni kugundira ubwirasi mu mutima waryo rikavuga riti: «nicara meze nk'umwamikazi, kandi ntabwo ndi umupfakazi»; ni ukuvuga ngo ntabwo nkiri «umupfakazi» «*chera*» cyangwa ngo mbe ntagira imbaraga, nk'uko nari meze mbere. Iri shami rya Babuloni riravuga riti: «Ubu ntegeka nk'umwamikazi, kandi nta gahinda nzagira.» Mu magambo yo gutuka Imana, iri shami rya Babuloni ryirata ko Imana iri mu ltegekonshinga, itorero rikaba riri ku ntebe ya cyami, kandi kubw'ibyo rikazagira ububasha. Amagambo ngo «muwiture ibihwanye n'ibyo wabagiriye» asa n'ayerekana ko igihe cy'ubu butumwa ngo kigere ku ndunduro, kandi ngo abera bahamagarwe ubuheruka, kizagera ubwo Babuloni izaba itangiye guhagurukira abera ikabatoteza. Uko Babuloni yuzuzaga igikombe cyo kurenganya abera, ni ko marayika w'Uwiteka azayitura. (Zaburi 35:6). Ibihano bivuye ku Mana bizagera kuri Babuloni inkubwe ebyiri («mu gikombe wabafunguriyemo muwufunguriremo kabiri») z'ibibi watekereje kugirira abagaragu b'Uwiteka baciye bugufi.

Umunsi ibyago byawo bizazira, nk'uko biri mu murongo wa 8, ugomba kuba ari umunsi wa gihanuzi, cyangwa ntushobora kuba umunsi usanzwe, kuko bitashoboka ko icyago cy'amapfa gitera mu gihe kireshya n'umunsi umwe. Nta gushidikanya ko ibyago bya Babuloni ari ibyago birindwi biheruka twarangije gusuzuma. Umwanzuro umuntu yatanga ku mvugo ikoreshejwe muri uyu murongo awuhuje n'ibiri muri Yesaya 34:8, ni uko ibyo byago bizamara igihe kingana n'umwaka.

UMURONGO WA 9 Kandi abami bo mu isi basambanaga na wo bakadabagirana na wo, bazawuririra bawuborogere ubwo bazabona umwotsi wo gutwikwa kwawo, 10 bahagaritswe kure no gutinya kubabazwa kwawo bati «Ni ishyano ni ishyano! Wa mudugudu munini we. Yewe Babuloni wa mudugudu ukomeye we, ubonye ishyano kuko mu isaha imwe iteka uciriweho rigusohoyeho!» 11 N'abatunzi bo mu isi na bo bazawuririra bawuborogere, kuko ari nta wuzaba akigira urutundo rwabo.

Igihamo Gikwiriye.—Gusukwa kw'icyago cya mbere kugomba kuzatuma ingendo zo gucuruza bya bicuruzwa byo kwinezeza kwatumaga Babuloni imenyekana zihagarara. Ubwo abacuruzi b'ibyo bintu, abari abaturage b'uwo mudugudu wo mu buryo bw'ikimenyetso ku rwego rukomeye, kandi bakungahajwe n'ubucuruzi bw'ibyo bintu, mu buryo butunguranye bibonye ubwabo ndetse n'abaturanyi babo bafashwe n'ibisebe bibi binuka, ingendo zabo z'ubucuruzi zirahagarara, kandi bafite amazu manini abitswemo ibicuruzwa, nyamara nta muntu n'umwe wo kubigira, batera amajwi yabo hejuru yo kuganya ku bw'iteka ryari riciriwe kuri uwo mudugudu ukomeye. Niba hari ikintu kizatera abantu bo muri iki gisekuru gutakana umubabaro

bataryarya, ni ikintu kizakora ku butunzi bwabo. Muri iki gihano harimo ukuba ari igihano gikwiriye. Abari basohoye itegeko mu gihe gito ry'uko abera b'Imana badakwiriye kugura cyangwa kugurisha, noneho bibona nabo mu rwego rurushijeho gukomera babujijwe kugura cyangwa kugurisha.

Ikibazo gishobora kuvuka cy'uburyo abantu bahuriye mu cyago kimwe bashobora guhagarara kure bakaboroga. Ni ngombwa kwibuka ko uku kurimbuka kwerekanwa mu mvugoshusho, kandi iyo mvugoshusho ni iy'umurwa ugerwaho n'ukurimbuka. Iyaba iki cyago cyageraga ku murwa w'ibigaragara, cyajyaga kuba ari ikintu gisanzwe ko abaturage bawo bahagarara kure, bakaririra kugwa kwawo. Uko ubwoba bwabo no gutangarira ikibi kibarindiriye kwabo kungana, ni ko n'intera bahagararaho kure y'umurwa wabo bakunda yangana. Imvugoshusho intumwa Yohana akoresha ntiyaba yuzuye hatabayeho imiterere imeze itya, kandi ayikoresha adashaka kuvuga ko abantu bashobora guhunga umurwa mu buryo bufatika nk'uko bahunga umurwa wo mu buryo bw'ikimenyetso. Ibi ntibyashoboka, ahubwo kwari ukwerekana *ubwoba* no *gutangara* kubw'amateka amanutse ava mu ujuru.

UMURONGO WA 12 ari izahabu ari ifeza, ari amabuye y'igiciro cyinshi n'imaragarita, n'imyenda y'ibitare myiza n'imyenda y'imihengeri, na hariri n'imyenda y'imihemba, n'ibiti byose by'imibavu n'ibintu byose byaremwe mu mahembe y'inzovu, n'ibintu byose byabajwe mu bita by'igiciro cyinshi cyane, n'ibyacuzwe mu miring n'ibyacuzwe mu cyuma, n'ibyaremwe mu ibuye ryitwa marimari, 13 na mudarasini n'ibinzari, n'imibavu n'amavuta meza nk'amadahano, n'icyome n'inzoga n'amavuta ya elayo, n'ifu y'ingenzi n'amasaka, n'inka n'intama, n'amafarashi n'amagare, [n'abantu bacuruzwa cyangwa b'inkoreragahato: BII]".

Ibicuruzwa bya Babuloni.—Muri iyi mirongo dufitemo urutonde rw'ibicuruzwa bya Babuloni ikomeye, bikubiyemo buri kintu cyose gifitanye isano n'imibereho yo kwishimisha, kwigaragaza ngo bakubone, ndetse no kwiyerekana kw'ab'isi. Ubwoko bwose bw'ingendo zijyanye n'ubucuruzi tububona aha. Itangazo rirebana n' "n'abantu bacuruzwa cyangwa b'inkoreragahato: *Bibiliya Ijambo ry'Imana*" rishobora kuba rijyana by'umwihariko n'iby'umwuka, bikaba birengurira ku kugirwa imbata n'indangakwemera z'iyoye miryango irenganya ku rwego runaka aho kugira ngo bube ububata bw'ibigaragara.

UMURONGO WA 14 (Kandi imbuto umutima wawe wifuzaga zigukweho, n'ibintu byose biryoha neza n'ibisa neza bigushizeho, ntibazabibona ukundi).

Gucyaha k'Umururumba.—Dukurikije umwimerere, imbuto zivugwa ahangaha ni "imbuto zo mu gihe cy'urugaryi." Muri iki tubonamo ko "umwero wo muri icyo gihe cy'umwaka" ari wo abanyandanini baharizamo irari ryabo ry'ibyokurya. Uwo mwero uzakurwaho ku buryo

butunguranye. Rwose, uyu ni umurimo uzakorwa n'amapfa azaza ari ingaruka yo gusukwa kw'icyago cya kane. Ibyahishuwe 16:8.

UMURONGO WA 15 Abatundaga ibyo, abo uwo mudugudu watungishije bazahagarikwa kure no gutinya kubabazwa kwawo, barira baboroga 16 bavuye bati "Ni ishyano, ni ishyano! Umudugudu ukomeye Wambitswe imyenda y'ibitare myiza n'iy'imihengeri n'iy'imihemba, kandi ukarimbishwa n'izahabu n'amabuye y'igiciro cyinshi n'imarigarita, 17 ubonye ishyano kuko mu isaha imwe ubutunzi bwinshi bungana butyo burimbutse!" Kandi aberekeza bose n'umuntu wese wambukira mu nkuge hose, n'abasare n'abatunda bambutse inyanja bari bahagaze kure, 18 kandi bakireba umwotsi wo gutwikwa kwawo bavuga amajwi arenga bati "Ni mudugudu ki uhwanywe n'uriya mudugudu ukomeye?" 19 Bitumurira umukungugu ku mitwe, bavuga amajwi arenga, barira baboroga bati "Ni ishyano, ni ishyano! Umudugudu ukomeye watungishije ubutunzi bwawo abafite inkuge mu nyanja, ubonye ishyano kuko warimbutse mu isaha imwe.

Amarangamutima y'Abanyabyaha.—Umusomyi ashobora guhita atekereza ku mpamvu y'iri jwi ry'umuborogo no kuganya, n'umuvumo. Tekereza ko icyago cy'ibisebe cyageze ku bantu, imigezi yahindutse amaraso, inyanja na yo yahindutse nk'amaraso y'intumbi, izuba ryokesha abantu umuriro, ingendo z'abacuruzi zahagaze, ndetse ifeza yabo n'izahabu ntibashobora kuzigurisha. Bityo rero, si ngombwa kwibaza ikibatera umubabaro no gutangara, cyangwa igitera abatware b'amato n'abasare kuboroga. Amarangamutima y'abera atandukanye cyane n'aya, nk'uko ubuhamya bukurikira bubyerekana:

UMURONGO WA 20 Wa juru we, namwe abera n'intumwa n'abahanuzi, muwishime hejuru kuko Imana iwuciriye ho iteka ibahorera!" 21 Nuko marayika ukomeye aterura igitare kimeze nk'urusyo runini, akiroha mu nyanja ati "Uko ni ko Babuloni umudugudu ukomeye uzatembagazwa, kandi ntuzongera kuboneka ukundi. 22 Ntihazumvikana muri wowe ukundi abacuranzi n'abahimbyi b'indirimo, n'abavuzi imyironge n'abavuzi impanda, kandi nta muhanga naho yaba umunyabukorikori bwose uzaboneka muri wowe ukundi, ndetse n'ijwi ry'urusyo ntirizumvikana muri wowe ukundi. 23 Umucyo w'itabaza ntuzaboneka muri wowe ukundi, kandi ijwi ry'umukwe n'iry'umugeni ntazumvikana muri wowe ukundi. Abatunzi bawe bari abakomeye bo mu isi, kuko amahanga yose yayobejwe n'uburozi bwawe. 24 Kandi muri uwo mudugudu ni ho amaraso y'abahanuzi n'ay'abera n'abiciwe mu isi bose yabonetse."

Amarangamutima y'Abakiranutsi.—Intumwa n'abahanuzi hano barararikirwa kwishimira ko Babuloni ikomeye irimbutse, nk'uko bifitanye isano ya bugufi n'uku kurimbuka bazarokoka bagakira ububasha bw'urupfu n'igituro binyuze mu muzuko.

Nk'uko urusyo runini ruhera mu nyanja, Babuloni irohama ubutazongera kuzamukamo ukundi. Ubuhanga bukomaye n'ubukorikori

byakoreshejwe muri yo bugakora ibyo yifuzaga, ntibuzongera gukoreshwa ukundi. Indirimbo z'ubwirasi zumvikaniraga muri yo zihatira abantu umurimo w'umuhango ndetse utifitemo ubuzima, zizaceceka by'iteka ryose. Iminsi mikuru no kwinezeza, igihe umukwe n'umugeni babaga bazanwe imbere y'uruhimbi, ntibizongera kuboneka ukundi.

Ubupfumu bwayo ni cyo cyaha gihatse ibindi ikora, kandi ubupfumu bwihishe mu gusenga imyuka y'abapfuye kuriho muri iki gihe. "Muri wo ni ho amaraso y'abahanuzi n'ay'abera n'abiciwe mu isi bose yabonetse." Uhereye kuri ibi, biragaragara ko Babuloni yari iriho uhereye igihe idini y'ibinyoma yabereye mu isi. Uhereye icyo gihe, muri yo hagiye haboneka kurwanya umurimo w'Imana, no kurenganya ubwoko bw'Imana. Kugira ngo ubisanishe n'icyaha cy'abo mu gisekuru giheruka, reba ubusobanuro bwatanzwe mu Byahishuwe 16:6.

UMWAMI W'ABAMI N'UMUTWARE UTWARA ABATWARE

IBYAHISHUWE 19

UMURONGO WA 1 Hanyuma y'ibyo numva mu ijuru ijwi rirenga risa n'iry'abantu benshi bavuga bati "Haleluya! Agakiza n'icyubahiro n'ubutware ni iby'Imana yacu, 2 kuko amateka yayo ari ay'ukuri no gukiranuka. Yaciriyeho iteka maraya uwo ukomeye, wononeshaga abari mu isi ubusambanyi bwe, kandi imuhoreye amaraso y'imbata zayo." 3 Barongera bati "Haleluya! Umwotsi we uhora ucumba iteka ryose."

Dukomeje n'insanganyamatsiko yo mu Byahishuwe 18. Ahangaha intumwa yerekana indirimbo yo kunesha abera bacunguwe bacurangishije inanga zabo igihe bari bitegereje kurimbuka kuzuye k'urusobe rwa Babuloni ikomeye yarwanyaga Imana kandi ikarwanya no kuyisenga by'ukuri. Uku kurimbuka kubaho kandi n'iyi ndirimbo ikaririmbwa ifitanye isano no kugaruka kwa Kristo mu itangira ry'igihe cy'imyaka igihumbi.

Iteka Ryose.— Muri uyu murongo hashobora kuvuka ikibazo kimwe gusa: Bishobora kuvugwa bite ko umwotsi ucumba iteka ryose? Mbese iyi mvugo yaba isobanura umubabaro w'ibihe bidashira? Nimutyo twibuke ko aya magambo yavanywe mu Isezerano rya Kera, kandi kugira ngo dusobanukirwe nayo, tugomba gusubira ku gihe yakoreshwaga bwa mbere, hanyuma tuze kwita ku cyo asobanura igihe akoreshwa ahangaha. Muri Yesaya 34 turahabona imvugo bishoboka ko ari yo iyi yakomotseho. Mu mvugoshusho ya Idumeya, tubona ukurimbuka runaka. Ibivugwa kuri icyo gihugu ni uko imigezi yacyo yari guhinduka amakakama, umukungugu waho ugahinduka amazuku, ko hari guhinduka nk'amakakama yaka, kandi ntihazime ku manywa na nijoro, ahubwo ko umwotsi waho wagombaga gucumba iteka ryose. Nk'uko abantu bose bakwiriye kubyemera, iyi mvugo ikoreshejwe kuri kimwe mu bintu bibiri; yaba ikoreshejwe ku gihugu runaka cyitwa Idumeya, cyangwa ikaba ivuze isi yose yahawe iri zina. Mu buryo bumwe cyangwa ubundi, biragaragara ko iyi nteruro ngo "iteka

ryose" igomba guhabwa imbibi mu mikoreshereze yayo. Byashoboka ko havugwa isi yose bitewe n'uko iki gice gitangirana n'amagambo abwirwa isi "n'ibiyuzuye; ubutaka n'ibimera byose;" kandi bivugwa ko n'"uburakari bw'Uwiteka" bugomba kugera ku mahanga yose.

Ibi byaba birengurira ku kumara abantu ku isi no kuyihindura umusaka ubwo Kristo azaba agarutse, cyangwa se bigasobanura umuriro uzayezaho ubusembwa bw'umuvumo ku iherezo ry'inyaka igihumbi. Iyi mvugo igomba kuba ifite aho urubibi igarukiraho; kubera ko nyuma y'ibi byose, isi yahinduwe nshya igomba kugaragara kugira ngo ibe ubuturo bw'amahanga y'abakijijwe iteka ryose. Inshuro eshatu muri Bibiliya havugwa iby'umwotsi ucumba iteka; inshuro imwe ni iboneka hano muri Yesaya 34, ibivugwa ku gihugu cya Idumeya nk'imvugoshusho yerekana isi; ahandi ni mu Byahishuwe 14, ahavugwa iby'abaramya inyamaswa n'igishushanyo cyayo; ahandi na ho akaba ari muri kino gice tugezeho ahavugwa ibyo kurimbuka kwa Babuloni ikomeye. Izi nshuro zose zivuga ku gihe kimwe, kandi zikavuga ibintu bimwe, by'umwihariko kurimbuka kuzaba mu isi, abaramya inyamaswa, ndetse n'ubwibone bwa Babuloni, n'igihe cyo kugaruka k'Umwami wacu akaba n'Umukiza wacu.

UMURONGO WA 4 Nuko ba bakuru makumyabiri na bane na bya bizima bine bikubita hasi, basenga Imana yicara kuri irya ntebe bati "Amen, Haleluya!" 5 Ijwi riva kuri iyo ntebe rivuga riti "Nimushime Imana yacu mwa mbata zayo mwese mwe, namwe abayubaha, aboroheje n'abakomeye!" 6 Numva ijwi risa n'iry'abantu benshi n'irisa n'iry'amazi menshi asuma, n'irisa n'iryo guhinda kw'inkuba gukomeye kwinshi rivuga riti "Haleluya! Kuko Umwami Imana yacu Ishoborabyose iri ku ngoma! 7 Tunezerwe twishime, tuyihimbaze, kuko ubukwe bw'Umwana w'Intama busohoye umugeni we akaba yiteguye, 8 kandi ahawe kwambara umwenda w'igitare mwiza, urabagirana utanduye." (Uwo mwenda w'igitare mwiza ni wo mirimo yo gukiranuka y'abera).

Indirimbo yo Kunesha.—"Uwiteka Imana Ishoborabyose iri ku ngoma" ni mvugo ikoreshwa muri iyi ndirimbo. Iri ku ngoma muri iki gihe, kandi mu by'ukuri yahoze iri ku ngoma nubwo iteka icira umurimo w'ikibi ridahita ryihuta. Muri iki gihe itegeka binyuze mu kwigaragaza kw'imbaraga zayo igihe itsinda abanzi bayo bose.

"Tunezerwe ... kuko ubukwe bw'Umwana w'Intama busohoye umugeni we akaba yiteguye." Mbese umugeni kandi akaba umugore w'Umwana w'Intama ni nde, kandi ubukwe ni iki? Umugore w'Umwana w'Intama ni Yerusalemu Nshya yo mu ijuru. Ibi tuzabibona neza mu Byahishuwe 21. Ubukwe bw'Umwana w'Intama ni uguhabwa umurwa kwe. Igihe azaba ahawe umurwa, azawakira nk'ubwiza n'umurwa w'ubwami bwe; bityo azawuhererwa hamwe n'ubwami bwe, n'intebe y'ubwami ya Se Dawidi. Iki gishobora kuba ari cyo gikorwa kigaragazwa n'ubukwe bw'Umwana w'Intama.

Kuba isano y'ubukwe ikoreshwa inshuro nyinshi mu kwerekana ubumwe buri hagati ya Kristo n'ubwoko bwe, biremerwa, nyamara ubukwe bw'Umwana w'Intama buvugwa hano ni igikorwa gihamye kizaba mu gihe runaka kizwi. Niba amagambo avuga ko Kristo ari umutwe w'itorero nk'uko umugabo ari umutwe w'umugore we (Abefeso 5: 23), byerekana ko itorero muri iki gihe ari umugore w'Umwana w'Intama, ubwo rero ubukwe bw'Umwana w'Intama bwaba bwarabaye kera cyane. Nyamara ibyo ntibyaba bishoboka dukurikije uyu murongo ubushyira mu gihe kizaza. Pawulo yabwiye abo yari yarabyaje ubutumwa b'i Korinto ko yari yarabashyingingiye umugabo umwe ari we Kristo. Ibi ni ukuri ku bantu bose bahindutse. Ariko se mu gihe yakoresheye iyi mvugoshusho ikoreshwa mu kwerekana isano bari bafitanye na Kristo icyo gihe, mbese cyari igihamya cy'uko ubukwe bw'Umwana w'Intama bwabaye i Korinto mu gihe cya Pawulo, kandi ko bwabaye igihe kirekire kingana n'imyaka isaga 1900 ishize? Ubundi busobanuro kuri iyi ngingo bwimuriwe mu gihe tuzaba dusobanura Ibyahishuwe 21.

Nyamara niba umurwa ari umugeni, umuntu ashobora kwibaza uburyo bishobora kuvugwa ko umurwa witegiye cyangwa [umugeni yiteguye]. Turasubiza tuti: "Ibyo birashoboka binyuze mu mvugoshusho yo guha ubuzima ibintu bidafite ubuzima no kubytirira ibikorwa by'umuntu. (Reba urugero rukomeye muri Zaburi ya 114). Na none ikibazo gishobora kuvuka ku murongo wa 8 cy'uburyo umurwa ushobora kurimbishishwa ugukiranuka kw'abera, nyamara nituramuka twitaye k'uko umurwa udatuwe wamera nk'ahantu hateye agahinda kandi hadashimishije, duhita tubona ukuntu uyu murwa umeze. Hagereranywa nk'ahafite umubare utagira ingano w'abaturage bahawe ubwiza bambaye kurabagirana. Yahawe kwambara umwambaro mwiza. Ni iki yahawe? Yasaya 54 n'Abagalatiya 4: 21-31 harabisobanura. Umurwa w'isezerano rishya uhabwa abana barushijeho kuba benshi. Tuvuga ko ukurabagirana k'uyu murwa gushingiye ku kuba ingabo z'abacunguwe n'abambitswe kudapfa bagendagenda mu nzira zaho zasizwe izahabu.

UMURONGO WA 9 Arambwira ati "Andika uti 'Hahirwa abatorewe ubukwe bw'Umwana w'Intama.' " Kandi ati "Ayo ni amagambo y'ukuri kw'Imana." 10 Nikubitira hasi imbere y'ibirenge bye kumuramya, ariko arambwira ati "Reka! Ndi imbata mugenzi wawe, kandi ndi mugenzi wa bene So bafite guhamya kwa Yesu: Imana abe ari yo usenga. Kuko guhamya kwa Yesu ari umwuka w'ubuhanuzi."

Igaburo ryo mu Bukwe.—Mu Isezerano Rishya hari ingero nyinshi zirengurira kuri iri funguro ryo mu bukwe. Rirengurirwaho mu mugani w'umwami wacyuje ubukwe umwana we arongora (muri Matayo 22:1-14), rikarengurirwaho na none muri Luka 14:16-24. Ni igihe tuzarira umutsima mu bwami bw'Imana, ubwo tuzaba tugororerwa ku gihe cy'umuzuko w'abakiranutsi. (Luka 14:12-15). Ni igihe tuzanywa ku mbuto z'umuzabibu turi kumwe n'Umucunguzi wacu mu bwami bwe bwo mu ijuru. (Matayo

26: 29; Mariko 14: 25; Luka 22:18). Ni igihe tuzicara ku meza ye mu bwami bwe (Luka 22:30), nuko agakenyera maze akaza akaduhereza (Luka 12:37). Mu by'ukuri koko hahirwa abafite amahirwe yo kuzasangira na we iri funguro rihebuje.

Imbata Mugenzi wa Yohana.—Ijambo riri mu murongo wa 10, ryahuzwa [mu gutanga umuti] ku bantu batekereza ko hano bahabonera ingingo ishimangira ko abapfuye baba bafite ubwenge n'intekerezo. Ikosa aba bantu bakora muri uyu murongo ni iryo kwibwira ko marayika abwira Yohana ko ari umwe mu bahanuzi ba kera ugarutse akaba aje kuvugana na we. Uwakoreshejwe mu kugeza Ibyahishuwe kuri Yohana yitwa marayika, kandi abamarayika ntabwo ari imyuka y'abapfuye. Umuntu uwo ari we wese ubitekereza atyo, ni umwe mu bizera imyuka y'abapfuye mu buryo bwuzuye, kubera ko iri ari ryo buye ry'urufatiro nyakuri rw'ibyo bigisha. Nyamara ikintu nk'icyo ntacyo marayika yavuze. Avuga gusa ko ari umugaragu mugenzi wa Yohana nk'uko yahoze n'ubundi ari umugaragu mugenzi wa bene se wa Yohana b'abahanuzi. Ijambo "umugaragu mugenzi we" ryerekana ko bose bari bari ku rwego rumwe rw'abagaragu b'Imana Ikomeye; bityo Yohana ntiyari akwiriye kumuramya. Kwita abahanuzi "bene so" bisobanura ko bose ari abo mu itsinda rimwe mu murimo bakorera Imana. (Reba ubusobanuro bwo mu Byahishuwe 1:1, ahavuga "marayika we.")

UMURONGO WA 11 Mbona ijuru rikinguye kandi ngiye kubona mbona ifarashi y'umweru. Uhetswe na yo yitwa Uwo kwizerwa, kandi Uw'ukuri. Ni we uca imanza zitabera akarwana intambara zikwiriye. 12 Amaso ye ni ibirimi by'umuriro no ku mutwe we afite ibisingo byinshi, kandi afite izina ryanditswe ritazwi n'umuntu wese keretse we wenyine. 13 Yambaye umwenda winitswe mu maraso kandi yitwa Jambo ry'Imana. 14 Ingabo zo mu ijuru ziramukurikira zihetswe n'amafarashi y'imyeru, zambaye imyenda y'ibitare myiza, yera kandi itanduye. 15 Mu kanwa ke havamo inkota ityaye kugira ngo ikubite amahanga, azayaragize inkoni y'icyuma. Yengesha ibirenge mu muvure w'inkazi y'umujinya w'Imana Ishoborabyose. 16 Kandi ku mwenda we no ku kibero cye afite izina ryanditsweho ngo *UMWAMI W'ABAMI, N'UMUTWARE UTWARA ABATWARE*. 17 Mbona marayika ahagaze mu zuba arangurura ijwi, abwira ibisiga byose bigurukira mu kirere ati "Nimuze muteranire kurya ibyokurya byinshi Imana ibagaburira, 18 murye intumbi z'abami n'iz'abatware b'ingabo n'iz'ab'ubushobozi, n'iz'amafarashi n'iz'abahekwa na yo n'iz'abantu bose, ab'umudendezo n'ab'imbata, aboroheje n'abakomeye." 19 Nuko mbona ya nyamaswa n'abami bo mu isi n'ingabo zabo bakoraniye kurwanya Uhetswe na ya farashi n'ingabo ze. 20 Iyo nyamaswa ifatwa mpiri, na wa muhanuzi w'ibinyoma wakoreraga ibimenyetso imbere yayo, akabiyobesha abashyizweho ikimenyetso cya ya nyamaswa n'abaramya igishushanyo cyayo, na we afatanwa na yo. Bombi bajugunywa mu nyanja yaka umuriro n'amazuku ari bazima. 21 Abasigaye bicishwa inkota ivuye mu kanwa k'Uhetswe na ya farashi. Ibisiga byose bihaga intumbi zabo.

Kugaruka kwa Kristo.—Iyo tugeze ku murongo wa 11, tubona ibindi bintu bishya. Hano dusubizwa ku kugaruka kwa Kristo, noneho bigakorwa hakoreshejwe ikimenyetso cy'umurwanyu ugendera ku ifarashi agiye ku rugamba. Kubera iki agaragajwe atya?—Ni ukubera ko agiye ku rugamba, guhangana n' "abami bo mu isi n'ingabo zabo," kandi iyi ni yo miterere yonyine iberanye n'umurimo agiyeho. Imyambaro ye yinitswe mu maraso. (Reba na none uburyo agaragazwa mu kintu nk'icyo muri Yesaya 63:1-4). Ingabo zo mu ijuru ari zo bamarayika, ziramukurikira. Umurongo wa 15 werekana uburyo ateguka amahanga akayaragiza inkoni y'icyuma, igihe aba amaze kuyegurirwa nk'umurage we, nk'uko byanditswe muri Zaburi ya 2, iyo abenshi mu bize iby'iyobokamana basobanura ko ari uguhindukirira Imana kw'abari mu isi.

Ariko se iyi mvugo ngo "yengesha ibirenge mu muvure w'inkazi n'umujinya w'Imana Ishoborabyose," ntiyaba ari bwo buryo bwonyine bwo gusobanura umurimo w'ubuntu Imana izagirira imitima y'abapagani kugira ngo bahinduke? Ukugaragazwa gukomeye kandi guheruka k' "umuvure w'umujinya w'Imana" ndetse n' "inyanja yaka umuriro," kuboneka ku iherezo ry'imyaka igihumbi nk'uko bivugwa mu Byahishuwe 20; kandi bisa n'aho ari byo bisobanura ibiboneka na none mu Byahishuwe 14:18-20. Nyamara kurimbuka kw'abanyabyaha bazaba bakiriho ubwo Kristo azaba agarutse, mu ntangiriro z'imyaka igihumbi, kugaragaza uko ibintu bizamera ku rwego rutoya, kimwe n'ibizaba ku iherezo ry'imyaka igihumbi muri ibi byerekezo byombi. Bityo rero, muri iyi mirongo dufite, havugwamo ibi bintu byombi: Havugwamo umuvure w'inkazi y'umujinya w'Imana ndetse n'inyanja yaka umuriro.

Muri kiriya gihe, Kristo aba yararangije umurimo we w'ubuhuza, akiyambura ikanzu ye y'ubutambyi kugira ngo yambare iya cyami; kubera ko ku myambaro ye no ku bibero bye handitswe aya magambo ngo: Umwami w'abami n'Umutware utwara abatware. Ibi bihura n'imiterere agaragaramo hano, kubera ko wari umuco w'abarwanyu ba kera wo kugira inyandiko runaka zabaga zanditswe ku myambaro yabo zerekana amazina yabo y'icyubahiro. (Umurongo wa 16).

Mbese ni iki gikwiriye kumvikana igihe bivuzwe ko marayika yari ahagaze mu zuba? Mu Byahishuwe 16; 17 dusomamo ko icyago cya karindwi cyasutswe mu kirere, ari byo byahereweho hasobanurwa ko ubwo ikirere gitwikiriye isi yose, icyo cyago kizagera ku isi yose. Mbese iri hame ntiryanakoreshwa n'ahangaha, maze bikerekana ko marayika yari ahagaze mu zuba, maze igihe yari akiri aho ngaho agahamagara ibisiga byo mu kirere ngo bize kurya ibyokurya Imana ikomeye yabihaye; byerekana ko iri tangazo rizagera ahantu hose imirasire y'izuba ibasha kugera ku isi? Ibisiga bizumvira iri hamagara, maze byihaze inyama z'amafarashi, iz'abami, abagaba b'ingabo, n'iz'abantu b'abanyambaraga. Ni muri ubwo buryo, ubwo abera bazaba basangira ifunguro ryo mu bukwe bw'Umwana w'Intama, imibiri y'abanyabyaha izahinduka ifunguro rikomeye ry'ibisiga byo mu kirere.

Inyamaswa n'umuhanuzi w'ibinyoma bafatwa mpiri. Umuhanuzi w'ibinyooma ni wa wundi ukorera ibitangaza imbere y'inyamaswa, kandi akaba ari we ya nyamaswa ifite amahembe abiri yo mu Byahishuwe 13, ari na we ubarwaho uwo murimo n'iyi ntego bihaboneka. Kuba aba barajugunywe mu nyanja yaka umuriro ari bazima, bigaragaza ko ubu bubasha [cyangwa ubutegetsu] butazarangira cyangwa ngo busimburwe n'ubundi, ahubwo buzakomeza kubaho ari ububasha bukora kugeza ubwo Kristo azaba agarutse.

Ubupapa bwamaze igihe kinini bukora umurimo wabwo, noneho bugeze mu bihe bisoza umurimo wabwo. Guhanguka kwabwo kuvugwa mbere yuko kubaho mu buhanuzi mu buryo bushimangiwe, kurenza uko kuvugwa muri aya masomo tugezeho, by'umwihariko mu gitabo cya Daniyeli 7:11, aho umuhanuzi avuga ko yitegereje kugeza aho ya nyamaswa yiciwe, umubiri wayo ukarimburwa ukajugunywa mu birimi by'umuriro. Ubu bubasha bugomba kuba bwegereje iherezo ryo kubaho kwabwo. Nyamara ntabwo burimbuka kugeza ubwo Kristo azaba agarutse, kubera ko icyo gihe ari bwo bujugunywa mu nyanja yaka umuriro ari buzima.

Ubundi bubasha (ubutegetsu) bufatanyije n'ubu, ni inyamaswa ifite amahembe abiri, iyo tubona yegereza vuba iherezo ry'umurimo igomba gukora mbere yuko ijugunywa mu nyanja yaka umuriro ari nzima. Mbega ukuntu iki gitekerezo gitangaje dufite hano imbere yacu cy'uburyo abakozi babiri bakomeye bavugwa mu buhanuzi dufite ibimenyetso by'uko begereje iherezo ry'amateka yabo, ariko rikaba rizaza igihe Umwami azaba atungutse ku bicu mu bwiza!

Uhereye ku murongo wa 21 bigaragara ko hari itsinda ryasigaye ritabariwe hamwe n'inyamaswa cyangwa umuhanuzi w'ibinyoma. Aba bicwa n'inkota y'uwaru wicaye ku ifarashi, ari yo nkota iva mu kanwa ke. Nta gushidikanya ko inkota ye ari yo ahandi yiswe "umwuka wo mu kanwa ke" ndetse n' "umwuka uva ku minwa ye," uwo Umwami azicisha abanyabyaha ubwo azaba atungutse aje mu bwami bwe. (2 Abatesalonike 2: 8; Yesaya 11:4).

IGIHE CY'IMYAKA IGIHUMBI ISI ICUZE UMWIJIMA

IBYAHISHUWE 20

UMURONGO WA IMbona marayika amanuka ava mu ijuru afite urufunguzo rufungura ikuzimu, afite n'umunyururu munini mu ntoki ze. 2 Afata cya kiyoka, ari cyo ya nzoka ya kera, ari yo Mwanzi na Satani, akibohera kugira ngo kimare imyaka igihumbi, 3 akijugunya ikuzimu arahakinga, ashyiriraho ikimenyetso gifatanywa, kugira ngo kitongera kuyobya amahanga kugeza aho iyo myaka igihumbi izashirira, icyakora nishira gikwiriye kubohorerwa kugira ngo kimare igihe gito.

Igikorwa gitangirana n'iki gice gisa n'aho gikurikira ibyabaye byavuzwe mu gice kibanziriza iki. Ibibazo bivuka ni ibi: Mbese marayika umanuka aturutse mu ijuru ni nde? Mbese urufunguzo n'umunyururu afite mu kiganza cye ni ibiki? Mbese ikuzimu hasobanura iki? Mbese kuboha Satani ngo amare imyaka igihumbi bisobanura iki?

Mbese uyu mumarayika ni Kristo nk'uko bamwe babyibwira? Biragaragara ko atari we. Umwambi w'umucyo waka cyane urasa uturutse mu murimo wa kera wari igishushanyo cy'ibizaba ni wo umurika kuri uyu murongo.

Satani ni Ihene yo Koherwa.—Kristo ni Umutambyi Mukuru wo mu gihe cy'ubutumwa bwiza. Mu gihe cya kera, ku munsu w'impongano umutambyi yafataga ihene ebyiri, hanyuma bakazikorera ubufindo, imwe ikaba iy'Uwiteka, indi ikaba gatozi (iyo koherwa). Iyabaga yerekanywe n'ubufindo ko ari iy'Uwiteka, yarasogotwaga, maze amaraso yayo akajyanwa mu buturo kugira ngo ahongerere abana ba Isirayeli. Nyuma yaho, ibyaha by'ishyamba byaturirwaga ku mutwe w'iyindi hene, cyangwa ihene yo koherwa, nuko ikohereye mu butayu n'umuntu wabaga yatoranyijwe, aho hakaba ari ahantu hadatuwe. Nk'uko Kristo ari umutambyi wo mu gihe cy'ubutumwa bwiza, ibitekerezo runaka bizerekana ko Satani ari we washushanywaga n'ihene yo koherwa.

Ijambo ry'Igiheburayo rivuga ihene yo koherwa, nk'uko bivugwa mu magambo y'ubusobanuro yo mu Balewi 16:8, ni "Azazeli." Kuri uyu murongo, William Jenks agira uburyo asobanura ati: "Ihene yo koherwa." (Reba ibitekerezo bitandukanye mu nyandiko ye yise Bochart). Uwitwa Spencer, nyuma yo gusuzuma ibitekerezo byo mu gihe cya kera by'Abaheburayo n'iby'Abakristo, atekereza ko *Azazeli ari izina rya satani*; kandi abibona kimwe n'uwitwa Rosenm. Ururimi rwitwa Syr rukomoka ku Kinyaramaya rufite ijambo *Azzail*, bivuga 'marayika (ukomeye cyane) wigometse.'³⁸² Satani ni we werekanwa rwose hano. Bityo rero, dufite ubusobanuro bukoresha ijambo ryo mu Byanditswe mu ndimi ebyiri za kera, bushyigikiwe n'igitekerezo cya kera cy'Abakristo, byose bigashyigikira ko ihene yo koherwa yashushanyaga Satani.

Uwitwa Charles Beecher aravugaga ati: Ikintu gishimangira ibi ni uko abasobanuzi benshi n'abantu bagiye basubiramo iri jambo mu mvugo yabo bagiye bafata ijambo 'Azazeli' nk'izina bwite. Imvugo yakoreshejwe mu rurimi rw'Igikaludaya n'Urunyaramaya zakoreshejwe na Onkelos na Jonathan bari kuba bararihinduye muri izo ndimi iyo ritaza kuba ari izina bwite, nyamara ntabwo babikoze. Ya Bibiliya ngenderwaho yitwa Siptuagint (Bibiliya yahinduwe ivanwa mu Kigiriki igashyirwa mu Giheburayo) cyangwa se ingeri ya kera yanditswe mu Kigiriki, iri zina iryita *apompaios*, ijambo rikoreshejwe n'Abagiriki bashakira kuvuga imana mbi rimwe na rimwe yacururukwaga ari uko itambiwe ibitambo. Ikindi gihamya ni ikiboneka mu gitabo cy'uwitwa Enoki (Enoch), ahakoreshejwe ijambo 'Azazel' kandi biragaragara ko ari ijambo 'Azazeli' ryahindutse, rihabwa abamarayika baguye, bityo bikagaragaza neza uko Abayuda bo hambere bumvaga iryo jambo muri icyo gihe. Haracyari ikindi gihamya kindi kiboneka mu rurimi rw'Icyarabu, aho ijambo Azazeli rikoreshejwe bashakira kuvuga umwuka mubi.³⁸³

Hano tuhafite ubusobanuro bw'Abayuda:

"Ibihabanye no kwemera ko Azazeli ari imana, kohera ihene, nk'uko byavuzwe na Nahmanides, yari imvugo yo mu buryo bw'ikimenyetso gisobanura igitekerezo kivuga ko ibyaha b'abantu n'ingaruka zabyo mbi byagombaga gusubizwa ku mwuka wo kurimbura no kwangiza, ari wo nkomoko yo kwandura kose."³⁸⁴

Ibi bitekerezo bihuza mu buryo butangaje n'ibintu bibaho bifitanye isano no kwezwa k'ubuturo bwo mu ijuru nk'uko twabihishuriwe mu Byanditswe by'ukuri.

Mubicucu byasuraga ibizaza hanyuma tuhabona icyaha cy'umunyabyaha gishyirwa ku itungo. Tubona ko binyuze mu murimo w'umutambyi, n'amaraso y'igitambo, icyaha cyagezwaga mu buturo. Ku munsu wa cumi w'ukwezi kwa karindwi, tubona umutambyi akura ibyaha by'abantu byose

³⁸² William Jenks, *The Comprehensive Commentary*, Vol. I, p. 410, note on Leviticus 16:8.

³⁸³ Charles Beecher, *Redeemer and Redeemed*, pp. 67, 68.

³⁸⁴ Jewish Encyclopedia, Vol. II, p. 366, art. "Azazel."

mu buturo akoresheje amaraso y'igitambo cy'ibyaha by'abantu, maze akabishyira ku mutwe w'ihene yo koherwa. Noneho tukabona ihene ibijyana kure y'abantu ahantu hadatuwe. (Abalewi 1:1-4; 4: 3-6; 16:5-10, 15, 16, 20-22).

Nk'igisubizo kuri ibi bintu byakorwaga mu buryo bwashyirahamwe ibyari kuzaza hanyuma, mu byashyirahamwe n'ibicucu tubonamo igitambo gikomeye cy'abari mu isi cyatangiye i Kaluvari. Ibyaha by'abantu bose bishingikiriza ku mbaraga iri mu maraso ya Kristo yamenetse bakamwizera bijyanwa mu buturo bw'isezerano rishya binyuze mu murimo wa Kristo. Igihe Kristo Umutambyi wo mu ihema ry'ukuri (Abaheburayo 8: 2) azaba arangije umurimo we, azakura ibyaha by'ubwoko bwe mu buturo maze abishyire ku mutwe wa nyirabayazana wabyo, ari we ya hene yashushanywaga kera, ari we mwanzu. Satani. Satani azohereye abikorere abijyane mu kidaturwa.

Nimutyo turebe uko bizagenda ubwo Kristo azaba agarutse. Itorero rizaba ryaraciriwe urubanza; Isirayeli izaba yaraciriwe urubanza; n'amahanga y'abatari Abayahudi azaba yaraciriwe urubanza. ... Noneho igihe cya Satani kizaba kigeza ngo na we acirwe urubanza; kandi turabona Umutambyi wacu Mukuru ashya ibicumuro kuri nyirabyo; acire urubanza umwangizi ukomeye maze amwirukane aje aho azaba atandukanye n'imirimu y'abantu."³⁸⁵

Hano ntabwo Satani ahari nk'ureshya n'Imana, nk'uko bamwe bavugaga bahakana iki gitekerezo; kubera ko izo hene ebyiri zose zizanywe zikamurikirwa Yehova kandi zari ize. Nubwo gukora ubufundo muri byo ubwabyo hari harimo guhendahenda Imana bikomeye, byerekana ko Yehova yari afite ububasha bwo kugena uko bigenda. Nta nubwo kandi mu buryo ubwo ari bwo bwose byavugwaga ko iki cyari igitambo gitambiwe Satani, kubera ko itungo ritwaga ngo rimuturwe; ahubwo ryohereyeho iyo ari mu buryo bukojeje isoni. Iri tungo ryagendaga ritwaye ibyaha Imana yabaga yarangije kubabarira abantu, ryohereyeho kuri Azazeli mu butayu.

"Amagambo 'ihene yo koherwa' ari na yo yakomotsweho n'iri zina turi gukoresha 'Azazeli' rikaba ari na ryo rikoresheye mu mvugo imenyereye, rishobora gusobanurwa ngo 'uwahakanye', rikaba ari izina rikwirirye Satani koko, ndetse agasa n'aho ari ryo yahoze yitwaga mu Bayuda. Satani ni we wazanywe icyaha mu isi; kandi iki gishuko cy'umuntu cyongera uburemere bw'icyaha cye, kikanatuma igihano cye kirushaho kuremera. Ku bw'imbabazi z'Imana, ubu icyaha kirababwirwa. Ihene imwe yatambwaga nk'ituro ritambirwa icyaha; amaraso yayo akajyanwa Ahera Cyane, kandi akaminjagirwa ku ntebe y'ihongerero. Kubera iyo mpamvu, igicumuro cyarahanagurwaga. Kubw'uku kumeneka kw'amaraso kubabwirwa ibyaha kukabaho. Nyamara nubwo kubabwirwa icyaha kwabagaho, icyaha ni icyo kwangwa urunuka imbere y'Imana kandi ntigishobora gutura imbere yayo. Bityo rero, kirahava kikajyanwa ahantu hadatuwe—(kure y'ubwoko bw'Imana)—, maze kikajyanwa kure kuri wa wundi washutse umuntu bwa

³⁸⁵ Albert Whalley, *The Red Letter Days of Israel*, p. 125.

mbere. Ibyaha by'abantu bizera Imana, babikurwaho, bikongera gushyirwa kuri Satani we nyirabyo akaba ari na we utera abantu kubikora. Nubwo abizera bakurwaho igihano, ntabwo icyo gihano gikurwa ku wabajyanye mu buhakanyi no mu kurimbuka. Abashutswe bagarurwa mu mwanya bahozemo, nyamara igihano cyose uko cyakabaye kigera ku mushukanyi ruharwa. 'Cyateguriwe Satani n'abamarayika be'³⁸⁶

Twizera ko iki kintu ari cyo cyasobanuwe n'iyi mirongo turi kureba. Umurimo wo mu buturo urangira ku gihe kivugwa hano. Kristo ashyira ku mutwe w'umwanzi ibyaha byari byaroherejwe mu buturo, ndetse bikaba bitakibarwa ku bera ukundi. Dukurikije ibyabaga mu gicucu cy'ibyajyaga kuza hanyuma, umwanzi aroherwa ariko bidakozwe n'ikiganza cy'Umutambyi Mukuru, ahubwo bikoze n'ikiganza cy'undi, akoherezwa ahantu hano bise ikuzimu.

Urufunguzo n'Umunyururu.—Ntibishoboka kwibwira ko urufunguzo n'umunyururu ari ibyo tumenyereye; ahubwo bikoreshwa gusa nk'ibimenyetso by'ububasha n'ubutware marayika uyu yari yambitswe muri uyu mwanya kugira ngo abashe gusohozwa inshingano ye.

Ikuzimu.—Ijambo ry'umwimerere risobanura *umworera*, *urwobo rutagira indiba*, *mu rwobo hasi cyane*. Imikoresherezwe y'iri jambo isa n'aho yerekana ko risobanura ahantu hacuze umwijima, ahantu h'umusaka n'urupfu. Muri ubwo buryo, mu Byahishuwe 9:1, 2, rikoresheye ku hantu abantu bataye hatagira ikintu kihera ho mu butayu bwa Arabiya, ndetse mu rwandiko rw'Abaroma 10:7, rigasobanura *imva*. Ariko imikoresherezwe yaryo itanga umucyo ku busobanuro bw'iri jambo dufite hano ni iboneka mu Itangiriro 1:2 aho dusoma amagambo ngo "umwijima wari hejuru y'umuhengeri [*umworera*]". Ijambo ryahakoreshejwe rivuga "ahantu h'umworera" ni ryo ryakoreshejwe hano rivuga "ikuzimu," ndetse ayo magambo yashoboraga kuba yarahinduwe ngo "Umwijima wari hejuru y'umworera, cyangwa se ukuzimu." Twese tuzi yuko ijambo "umworera" nk'uko ryahakoreshejwe rishaka kuvuga isi itari ifite ishusho. Mu buryo budaciye ku ruhande, ni cyo bigomba kuba bisobanura mu murongo wa gatatu w'Byahishuwe 20. Nimutyo tuzirikane ko igihe marayika akora uyu murimo, isi iba ari uruhererekane rurerure cyane rw'amazu y'umusaka n'urupfu. Ijwi ry'Imana ryayinyeganyeganye rihereye mu mfatiro zayo; ibirwa n'imisozi byakuwe ahabyo; igishyitsi gikomeye cyashenye imirimo ya muntu kiyishyira ku butaka; ibyago birindwi by'imperuka byasize umusaka hirya no hino nu isi; ubwiza bwari buherekeje Umwana wumuntu na bwo kwasohojwe umugabane umwe wo kurimbura; abanyabyaha barimbuwe n'inkota, imibiri yabo yarimo ibora, n'amagufwa yabo yarimo aribwa n'umuswa aho yari arambitse adashyinguwe, anyanyagiye hirya no hino, ntawe ubaririra uherye ku mpera y'isi ukagera ku yindi.

Ni uko isi yahinduwe irimo ubusa kandi ikaba umwirare, ndetse igahindurizwa. (Yesaya 24: 1). Uko ni ko yongera gusubizwa uko yari imeze

³⁸⁶ John Eadie, *Biblical Cyclopedia*, p. 577, art. "Scape-goat."

nibura ku rwego runaka, igihe yari ifite isura iteye ubwoba. (Reba Yeremiya 4:19-26, by'umwihariko umurongo wa 23). Mbese ni irihe jambo riruta iri ryashoboraga gukoreshwa kugira ngo risobanure uko isi izaba yizengurutse ityo mu mwijima no mu musaka mu gihe cy'imyaka igihumbi ritari ukuvuga ko ari ukuzimu cyangwa umworera? Aho ni ho Satani azaba abohewe muri icyo gihe, azengurutse n'amatongo yatejwe n'ibiganza bye mu buryo buziguye. Ntazaba ashoboye guhunga ubwo buturo bw'umuvumo, cyangwa gusana ayo matongo yabwo mabi nibura ku rwego runaka.

Kubohwa kwa Satani.—Tuzi neza yuko kugira ngo Satani abashe kugira icyo akora, ari uko aba afite abantu akoresha. Igihe atabafite, ntabasha kugira icyo akora. Nyamara mu gihe cy'imyaka igihumbi azaba ari ku isi adashobora kugira ahandi yajya. Abera bese bazaba bari mu ijuru aho adashobora kugera ngo abashuke, kandi abanyabyaha bese bazaba bari mu bituro byabo aho adashobora kugera ngo abayobye. Aho azaba abasha gukorera hazaba hagabanyijwe. Ni muri ubwo buryo azaba aboshywe, kuko azaba yakatiwe urwo kumara icyo gihe cyose ntacyo abasha gukora. Azaba yigunze. Iki kizaba ari igihano gikarishye ku kiremwa nka we cyabayeho igihe cy'imyaka ibihumbi bitandatu ishize gihugiye mu kuyobya abari mu isi igisekuru ku kindi.

Dukurikije ubu busobanuro, “ukubohwa” kwa Satani gusobanuye gushyirwa ahantu adashobora kugira uwo ageraho ngo amukoreshe. “Kubohorwa” kwe gusobanuye kongera kugarurwa kw'abantu binyuze mu muzuko wabo, bagashyirwa aho ashobora kongera kubagiraho ububasha. Kuri ubu busobanuro, bamwe bavuga yuko twitiranya abakoreshwa muri iyi mirongo; bavuga ko abanyabyaha ari bo babohwa, aho kugira ngo Satani abe ari we ubohwa. Nyamara ni kenshi twumva abantu bavuga mu mirimo ya buri munsu ngo: Nagonze urukuta. Bibiliya yangize imbwa. Nyamara se iyo abantu bakoresha imvugo nk'izi, dutekereza yuko hari uruzitiro rw'ibintu bigaragarira amaso bitasimbukwa byashyizwe mu nzira banyuragamo, cyangwa se hari imigozi cyangwa imirunga igaragarira amaso yaboshye amaboko yabo?—Oya si ko biri; ahubwo twumva yuko uruhurirane rw'ibyabayeho rwatumye badashobora kugira icyo bakora. Ni ko na hano bimeze. Mbese ni ukubera iki abantu bataha Bibiliya umudendeko wo kuvuga amagambo yayo nk'uko bawuha abantu bagenzi babo bakavugaga uko batekereza?

Ikirenze ibyo, hano hari urubibi rukomeye ruzitira ububasha bwa Satani, ku buryo bishobora kwitwara rwose “kubohwa.” Ntazaba agishoboye ukundi kwambukiranya ikirere ngo ajye gusura indi mibumbe, ahubwo azaba azirikiwe muri iyi si nk'umuntu, aho atazashobora kuva. Ahantu yatumye haba umusaka noneho ni ho hahindutse ibohero rye, kugeza ubwo azashorwa akajyanwa aho azicirwa ku iherezo ry'imyaka igihumbi.

UMURONGO WA 4 Mbona intebe z'ubwami, mbona bazicaraho bahabwa ubucamanza. Kandi mbona imyuka y'abaciwe ibihanga babahōra guhamya kwa Yesu n'ijambo ry'Imana, ari bo bataramije ya nyamaswa

cyangwa igishushanyo cyayo kandi batashyizweho ikimenyetso cyayo. Barazuka bimana na Kristo imyaka igihumbi. 5 Uwo ni wo muzuko wa mbere. Abapfuye basigaye ntibazuka, iyo myaka igihumbi itarashira. 6 Ufite umugabane wo kuzuka kwa mbere arahirwa kandi ni uwera. Urupfu rwa kabiri ntirubasha kugira icyo rutwara abameze batyo, ahubwo bazaba abatambyi b'Imana na Kristo kandi bazimana na yo iyo myaka igihumbi.

Gushyirwa Hejuru kw'Abera.—Noneho Yohana avana ibitekerezo byacu ku ibohero ry'umwanzi ryuzuye agahinda, akabyerekeza ku bera bazaba banesheje kandi bari mu bwiza, abera bazaba bimanze ingoma na Kristo. Umurimo wabo ni uwo kugena igihano cy'abanyabyaha hakurikijwe ibikorwa byabo bibi. Yohana ahereye kuri iryo teraniro rinini cyane, arobanuramo amatsinda abiri akwiriye kwitabwaho: abahowe Imana bari baraciwe ibihanga babahoye guhamya Yesu, ndetse na ba bandi bataramije inyamaswa n'igishushanyo cyayo. Iri tsinda duherukirijeho, ba bandi banga ikimenyetso cy'inyamaswa n'igishushanyo cyayo; nyine ni ba bandi bumvise kandi bakumvira ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwo mu Byahishuwe 14. Nyamara aba si bo baciwe ibihanga babahora guhamya Yesu, nk'uko abantu bamwe bavuga ko abo mu gisekuru giheruka bese bazicwa, bifuzwa ko twabyumva dutyo. Amagambo ngo "ari bo" (*hostis*) yakoreshejwe muri iyi mvugo ngo "ari bo bataramije ya nyamaswa" yerekana ko ari irindi tsinda ryinjijemo. Iri ni ikinyazina gikomatanyije amagambo arenze rimwe gisobanura "uwo ari we wese" aho kuba ikinyazina ngenga cyisanisha n'izina giherekeje gusa. Abanditsi Liddel na Scott bagisobanura nka "Uwo, uwo ari we wese, umuntu uwo ari we wese, ikintu icyo ari cyo cyose." Yohana yabonye abaciwe ibihanga bahowe Imana nk'itsinda rimwe, noneho abona irindi tsinda ry'abatararamije inyamaswa n'igishushanyo cyayo.

Ni iby'ukuri ko ijamba "*hostis*" rishobora gukoreshwa nk'ikinyazina ngenga cyisanisha n'izina, nk'uko biri mu 2 Abakorinto 3:14; Abefeso 1:23, ariko si mu buryo n'ubwo iyi nteruro yubatsemo aho ibanjirijwe n'inshingankene ikurikiwe na ngenga.

Bitabaye ibyo, umuntu uwo ari we wese abasha kuvuga ko ayo magambo asobanuwe ngo "n'uwo ari we wese utararamije inyamaswa," bityo akaba abariyemo miliyoni nyinshi z'abapagani n'abanyabyaha bataramije inyamaswa, kandi akabasezeranira kuzimana na Kristo imyaka igihumbi. Twemeye ibi twaba dukanguriye ibitekerezo by'abantu gutekereza ko igice kibanziriza iki kivuga ko abanyabyaha bese bishwe, kandi ikimenyetso cy'urupfu kikaba cyarashyizwe kuri bo ngo kibamareho imyaka igihumbi. Ahangaha Yohana abona gusa iteraniro ry'abakiranutsi bafite umugabane ku kuzuka kwa mbere.

Kugira ngo abantu bamwe birinde inyigisho ivuga ko hazabaho imizuko ibiri, bavuga ko uyu murongo "Abapfuye basigaye ntibazuka iyo myaka igihumbi itarashira," ari amagambo yongewemo ataboneka mu mwimerere, bityo akaba atari ukuri. Yemwe nubwo ibyo byaba ari byo, ntibyabasha kuvuguruzwa igitekerezo cya mbere kivuga yuko abakiranutsi bapfuye

bazazuka mu muzuko wa mbere kandi hakazabaho umuzuko wa kabiri nyuma y'imyaka igihumbi, muri wo akaba arimo abanyabyaha bose bazavanwa mu bituro byabo.

Nyamara uku kujora Ibyanditswe ntabwo ari ukuri, kubera ko abahanga mu bya Bibiliya bose batakwemera. Ingeri ya Bibiliya ivuguruwe y'Abongereza ntiyemera ko ayo magambo ataboneka mu nyandiko za kera zanditswe n'intoki. Ingeri ya Bibiliya ivuguruye y'Abanyamerika nta makuru na make itanga avuga ko hari ikintu cyakuwe muri Bibiliya. Bibiliya yahinduwe n'uwitwa Rotahamu (Rotherham), nubwo hari abashidikanya uburyo yahinduwe, ntacyo ivuga ku murongo waba urimo amakosa. Iyo nteruro iboneka mu Isezerano Rishya ryanditswe inshuro umunani mu Kigiriki, ryanditswe na Ticendorufu (Tischendorf), no mu nyandiko zanditswe na Wesitikoti na Horuti (Westcott & Hort). Iyi nteruro iboneka mu ngeri z'Isezerano Rishya zose zanditswe mu rurimi rw'Ikigiriki zasohowe n'abanditsi bavuguruye Bibiliya bakanajora inyandiko zayo, abo akaba ari nka Griesbach, Wordworth, Lachmann, Tregelles na Alford. Ingeri eshatu cyangwa enye zanditswe n'intoki mu rurimi rw'Ikigiriki ntizifite iyi nteruro; izindi ngeri 1697 zo muri zo zifite iyi nteruro niba zifite igitabo cy'Ibyahishuwe.

Imizuko Ibiri.—“Abapfuye basigaye ntibazuka iyo myaka itarashira.” Ikintu cyose cyavugwa kinyuranye n'iki, nta mvugo yashobora kwerekana ko hazabaho imizuko ibiri kurusha iyi ngiyi. Umuzuko wa mbere ni umuzuko w'abakiranutsi uzaba ku ntangiriro z'imyaka igihumbi. Umuzuko wa kabiri ni umuzuko w'abanyabyaha uzaba ku iherezo ry'imyaka igihumbi. Abafite umugabane ku muzuko wa mbere nta cyo bazatwarwa n'urupfu rwa kabiri. Bashobora kunyura mu bintu bizarimbura abanyabyaha nk'umurama ariko bo ntibibasha kugira icyo bibatwara. Bazabasha guturana n'umuriro ukongora kandi ugurumana iteka nyamara ntuzabasha kugira icyo ubatwara. (Yesaya 33:14, 15). Bazabasha kugenda bitegereze amagufwa y'abantu bagomeye Uwiteka igihe umuriro uzaba ubakongora. (Yesaya 66: 24. Itandukaniro riri hagati y'abanyabyaha n'abakiranutsi muri iki cyerekezo riraboneka na none, kuko igihe Imana ari umuriro ukongora ku banyabyaha, ku bantu bayo bo ni izuba n'ingabo ibakingira.

Umuzuko w'Abanyabyaha.—Abanyabyaha bazuka ku iherezo ry'imyaka igihumbi. Mu by'ukuri bongera kubaho nk'uko bari basanzwe babayeho igihe bari batuye ku isi. Guhakana ibi ni ukugomera Ibyanditswe byera. Uko bazazuka basa ku mibiri ntabwo tubizi. Kuri iyi ngingo tumenyereye kuvuga ko ibyo twajimirije muri Adamu nta ruhare tubigizemo, tuzabisubirizwa muri Kristo nabwo nta ruhare tubigizemo. Ku bijyanye n'ishusho y'ibigaragara, ahari ibi ntibikwiriye gufatwa mu rwego rutagira aho rugarukira, kubera ko inyokomuntu yatakaje byinshi ku bijyanye n'igihagararo n'imbaraga z'umubiri, kandi ibi abanyabyaha ntibazabisubizwa. Nibaramuka bazuwe bafite imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge nk'izo bari bafite igihe bari bakiri bazima ndetse n'igihe bari bakiri mu gihe cyo

kwemererwamo, ibyo byaba bihagije kugira ngo bibashoboze guhabwa ibihano bibakwiriye hakurikijwe ibyo bakoze bakiri ku isi.

UMURONGO WA 7 Iyo myaka igihumbi nishira, Satani azabohorwa aho aho yari abohewe. 8 Azasohoka aje kuyobya amahanga yo mu mpfuruka enye z'isi, Gogi na Magogi kugira ngo ayakoranirize intambara, umubare wabo ni nk'umusenye wo ku nyanja. 9 Bazazamuka bakwire isi yose, bagote amahema y'ingabo z'abera n'umurwa ukundwa. Umuriro uzamanuka uva mu ijuru, ubatwike, 10 kandi Satani wabayobyaga ajugunywe muri ya nyanja yaka umuriro n'amazuku, irimo ya nyamaswa na wa muhanuzi w'ibinyoma. Bazababazwa ku manywa na nijoro iteka ryose.

Kurimbuka kw'Abatubaha Imana.—Ku iherezo ry'imyaka igihumbi, umurwa wera Yerusalemu Nshya, uwo abera bazaba batuyemo muri icyo gihe cyose, uzamanuka uterekwe ku isi. Icyo gihe uzakinduka ingando y'abera, izaba izengurutse n'abanyabyaha bazutse bangana n'umusenye wo ku nyanja. Umwanzi azabashuka, maze abazane muri iyi ntambara. Bazemezwa ko bagomba gutangira urugamba rwo kurwanya Imana mu Murwa Wera, bibwira ko hari inyungu bashobora gukura mu kurwanya abera. Nta gushidikanya Satani azabashukashuka ababwira ko bashobora gutsinda abera bakabanyaga uwo murwa, ndetse bagakomeza kwigarurira isi ikaba iyabo. Nyamara umuriro uzamanuka uva mu ijuru ku Mana, ubatwike. Ijambo ryasobanuwe ngo "ubatwike," uwitwa Mose Stuart avuga ko ari igikorwa "gifite imbaraga kandi gikorwa mu gihe gito" bityo bigasobanura "kumira bunguri, guconshomera, ku buryo bwerekana ko bashiraho ntihasigare na busa."³⁸⁷

Icyo ni cyo gihe cyo kurimbuka kw'abatubaha Imana, icyo ni cyo gihe "ibiri mu isi biremeshwa bizayengeshwa no gushya cyane, ndetse n'isi n'imirimo iyirimo bigashirira." (2Petero 3:7, 10). Tugendeye ku mucyo utangwa n'ibi byanditswe, dushobora kubona uburyo abanyabyaha bazahabwa ibihembo byabo muri iyi si. (Imigani 11:31). Dushobora na none kubona ko iki gihembo atari ukubaho iteka mu buzima bw'umubabaro, ahubwo ni ukurimbuka burundu "bagashiraho."

Abanyabyaha Ntibakandagiza Ibirenge Mu Isi Nshya.—Ibitekerezo bibiri bijyanye n'iyi ngingo bikwiriye kwitabwaho. Igitekerezo cya mbere ni uko ngo isi igirwa nshya iyo Kristo agarutse, maze ngo ikaba ubuturo bw'abera mu gihe cy'imyaka igihumbi. Ikindi gitekerezo kivuga yuko igihe Kristo azaba aje, azimika ubwami bwe muri Palesitina, nuko agafatanyaga n'abera mu murimo wo gutsinda ibihugu akabyigarurira mu gihe cy'imyaka igihumbi.

Imwe mu ngingo zihakana igitekerezo cya mbere ni uko giha abanyabyaha amahirwe yo kuzuka, nuko bakayoborwa n'umwanzi, bakagendesha ibirenge byabo byanduye ku isi yahumanuwe kandi yera, mu gihe abera bari bayimaranye imyaka igihumbi bahatirwa kuyivamo

³⁸⁷ Moses Stuart, *A Commentary on the Apocalypse*, Vol. II, p. 369.

bagahungira mu murwa. Ntabwo dushobora kwemera ko umurage w'abera uzigera uhumanywa, cyangwa ko imirambyi myiza y'isi yagizwe nshya izigera yanduzwa n'intambwe zihumanya z'abanyabyaha bazaba bazutse. Hejuru y'ibi bitekerezaho byose bibabaje by'imyitwarire, nta somo na rimwe ryo mu Byanditswe umuntu ashobora guheraho ashyigikira iyi myumvire.

Ku bijyanye n'igitekerezo cya kabiri, imwe mu mpamvu nyinshi zerekana ko kirimo urujijo ni uko nubwo Kristo n'abera be babashije gutsinda isi ndetse bakayigarurira mu gihe cy'imyaka igihumbi, ku iherezo ry'iyi myaka abanyabyaha barongeraho bakabarusha amaboko, bagatakaza ahantu bari barabashije gutsinda, umurimo bakoze mu myaka igihumbi ugahinduka ubusa, maze bagahatirwa guhungira mu murwa mu buryo bukojeje isoni ngo bahashakire ubwihisho, maze isi bakayisigira abanzi babo bayidegembyamo nta mpaka zibayeho.

Imyaka Igihumbi mu Ijuru.—Mu buryo buhabanye rwose n'izi nyigisho abantu bemera, hari ukuzuzanya kuri mu gitekerezo kivugwa ahangaha. Abera bari kumwe na Kristo mu ijuru mu gihe cy'imyaka igihumbi mu gihe isi ari umusaka. Abera n'umurwa bamanuka bava mu ijuru, abanyabyaha bapfuye barazuka bakaza kurwanya umurwa. Aho ni ho abanyabyaha baharerwaho igihano cyabo. Mu muriro weza isi ukarimbura abanyabyaha ni ho hakomoka ijuru rishya n'isi nshya, ahazaba ubuturo bw'abakiranutsi ibihe bidashira.

Abazababazwa.—Uhereye ku murongo wa 10, benshi bagiye bavugaga ko umwanzi wenyine ari we uzababazwa amanywa n'ijoro, nyamara ubuhamya tubona muri uyu murongo bukubiyemo ibirenze ibyo. Iyi nteruro ngo "abazababazwa" iri mu bwinshi, kandi ihamya ibyerekeranye n'inyamaswa n'umuhanuzi w'ibinyoma, mu gihe niba ivugaga kuri Satani wenyine yajyaga kuba mu buke. Bigaragarira mu magambo ngo "aho inyamaswa n'umuhanuzi w'ibinyoma bari." Iri jambo "buri" ni jambo ryongewemo. Byajyaga kuba byiza kurutaho iyo baza gukoresha jambo "bajugunywa," rikabihuriza hamwe n'ibyari byavuzwe kuri Satani mbere. Amagambo yahinduwe mu buryo nyabwo na none akoreshwamo jambo "na yo" rikaza inyuma ya "aho." Ubwo interuro yavugaga ngo "Kandi Satani wabayobye ajugunywa muri ya nyanja yaka umuriro n'amazuko aho na ya nyamaswa ndetse na wa muhanuzi w'ibinyoma bajugunywe." Mu ntangiriro y'imyaka igihumbi inyamaswa n'umuhanuzi w'ibinyoma bajugunywe mu nyanja yaka umuriro maze barakongoka. (Ibyahishuwe 19:20). Abari bagize imiryango yagutse y'inyamaswa n'umuhanuzi w'ibinyoma noneho bazutse mu muzuko wa kabiri, maze kurimbuka guheruka kandi kumeze nk'ukwarimbuye inyamaswa n'umuhanuzi w'ibinyoma kubageraho kwitwa izina rya Gogi na Magogi.

Inyanja Yaka Umuriro.—Umusomyi runaka ashobora gushaka kumenya icyo inyanja yaka umuriro isobanura. Nk'ubusobanuro bwumvikana, mbese ntishobora kwitwa ikimenyetso cyangwa ikigereranyo cy'ibikoresho Imana ikoresheye kugira ngo irangize intambara ifitanye

n'abanyabyaha baba bakiriho mu iherezo ry'imyaka igihumbi, ndetse n'ingabo zose z'abantu batubaha Imana ku iherezo ry'iyi myaka igihumbi? Umuriro usanzwe rwose uzakoreshwa ku bwinshi mu gusohoza uyu murimo. Dushobora kugaragaza neza ingaruka zawo kurenza kuwugaragaza ubwawo. Igihe Umwami Yesu Kristo azaba agarutse azahishurirwa mu muriro ukongora, kandi umwuka uva mu kanwa ke n'ubwiza bwo kuboneka kwe, ni byo bizakongora umunyabugome, ndetse umuriro uzakongora Babuloni uyimareho. (Ibyahishuwe 18:8). Ku iherezo ry'imyaka igihumbi, ni wo munsu utwika nk'itanura (Malaki 4:1); ni ko gutwika gukomeye kuzatuma ibiremeshwa biyengeshwa no gushya cyane, isi n'imirimo iyirimo igashirira. Ni umuriro wa Tofeti wateguriwe umwanzi (umwanzi n'abamarayika be, Matayo 25: 41), ni ikirundo kirekire kandi kigari kizakongezwa n' "umwuka w'Uwiteka umeze nk'umugezi w'amazuku" (Yesaya 30:33). Muri make, ni umuriro uturuka mu ijuru ku Mana. (Ku bijyanye n'imvugo ngo "bababazwa ku manywa na nijoro iteka ryose," reba ubusobanuro bwatanzwe ku Byahishuwe 14:11).

UMURONGO WA 11 Mbona intebe y'ubwami nini yera mbona n'Iyicayeho, isi n'ijuru bihunga mu maso hayo, ahabyo ntihaba hakiboneka. 12 Mbona abapfuye, abakomeye n'aboroheje bahagaze imbere y'iyi ntebe, nuko ibitabo birabumburwa. Kandi n'ikindi gitabo kirabumburwa, ari cyo gitabo cy'ubugingo. Abapfuye bacirwa imanza z'ibyanditswe muri ibyo bitabo zikwiriye ibyo bakoze. 13 Inyanja igarura abapfuye bo muri yo, Urupfu n'Ikuzimu bigarura abapfuye bo muri byo, bacirwa Imanza zikwiriye ibyo umuntu wese yakoze. 14 Urupfu n'Ikuzimu bijugunywa muri ya nyanja yaka umuriro. Iyo nyanja yaka umuriro ni yo rupfu rwa kabiri. 15 Kandi umuntu wese utabonetse ko yanditswe muri cya gitabo cy'ubugingo, ajugunywa muri iyi nyanja yaka umuriro.

Intebe y'Imanza.—Mu murongo wa 11, Yohana atwereka ikindi kintu gishya gifitanye isano no kurimbuka guheruka kw'abatumvira Imana. Ni intebe ya cyami y'imanza isa n'igitare, imbere yayo hateraniye abagomba gucirwaho iteka riteye ubwoba ryo kurimbuka n'urupfu. Ijuru n'isi bihunga imbere y'iyi ntebe ya cyami, ku buryo nta mwanya bihabona. Gufata akanya tugatekereza ku mpinduka zigomba kuba mu isi bizabasha kongera uburemere bwinshi kuri iyi mvugo. Ibibaho ni bya bindi Petero yabonye by'umunsi ugurumana, ari wo wo "kurimbuka kw'abatumvira Imana" wa wundi uzatuma "ibiremeshwa" bishongeshwa no gushya cyane. (2Petero 3: 7-13).

Umuriro umanuka uva mu ijuru ku Mana. Imirimo iri mu isi irashirira, n'abanyabyaha bakarimbuka. Uyu ni umuriro wa Gihenomu, wifitemo ibyangombwa byose bihagije ngo ubashe kurimbura rwose igifite ubugingo cyose ubasha kugeraho. (Mariko 9:43-48). icyo ni cyo gihe amagambo ari muri Yesaya 66:24 azasohorezwamo ngo: "Nuko [abakiranutsi] bazasohoka bajya kureba intumbi z'abancumuye, kuko inyo zabo zitazapfa kandi n'umuriro ntuzime, bazatera abantu bose gushishwa."

Icyo gihe na none hazasohora amagambo ari muri Yesaya 33:14 ngo: "... Muri twe ni nde uzabasha guturana n'inkongi y'iteka ryose? Kandi muri twe ni nde uzashobora guturana no gutwika kw'iteka?" Igisubizo kiboneka mu mirongo ikurikiraho cyerekana ko ari abakiranutsi. Iki kigomba kuba ari cyo gihe ibibazo bya Yesaya n'ibisubizo bye bigomba kuba byisanisha na cyo.

Muri iyi nkongi yose, ntabwo ibiremeshwa byose biragakongoka rwose. Byarashongeshejwe gusa kandi bitandukanywa n'imyanda y'icyaha n'ikimenyetso cyose cy'umuvumo. Itangazo ry'Ishoborabyose riratangwa ngo: "Dore byose ndabihindura bishya. ...Birarangiye." (Ibyahishuwe 21:5, 6). Mu irema rya mbere, "inyenyeri zo mu ruturuturu zararimbirana, abana b'Imana bakarangurura ijwi ry'ibyishimo." (Yobu 38: 7). Mu gihe cy'iri rema rishya, ya ndirimbo no gutera amajwi hejuru biziyoungera kubera amajwi y'ibyishimo y'abacunguwe. Uko ni ko iyi si yatindahajwe n'icyaha mu gihe runaka kikayivana mu munezero n'ibyishimo yongera kugirwa nshya, igahinduka iwabo w'abacunguwe by'iteka ryose.

Ibitabo Byandikwamo.—Abantu bacirwa urubanza hakurikijwe ibyanditswe mu bitabo. Muri byo ni mwo tubonera igihamba cy'uko ibyo dukora byose byandikwa mu ijuru. Igitabo cyandikwamo amakuru nyayo kandi azira kwibeshya cyandikwa n'abanditsi b'abamarayika. Abanyabyaha ntibashobora kubahisha ibikorwa byabo by'umwijima. Ntibashobora kubaha ruswa ngo birengagize kwandika ibikorwa byabo binyuranyije n'amategeko. Bagomba kuzongera guhura na byo, bagacirwa urubanza ruhuje na byo.

Gushyira Imyanzuro y'Urubanza mu Bikorwa.—Abanyabyaha bazahanwa hakurikijwe ibyo bakoze. Ibyanditswe bivuga byeruye ko bazagororerwa hakurikijwe ibikorwa byabo. Kuba urwego rw'umubabaro wa buri muntu wese ruzitabwaho nk'umugabane w'igihano cy'ibyaha bye, ni ikintu kigaragara. "Kandi uwo mugaragu wari uzi ibyo shebuja ashaka, ntiyitegere ngo akore ibyo ashaka, azakubitwa inkoni nyinshi. Ariko uwari utabizi agakora ibikwiriye kumuhanisha, azakubitwa nkeya. Uwahawe byinshi wese azabazwa byinshi, n'uweguriwe byinshi ni we bazarushaho kwaka byinshi. Luka 12: 47, 48.

Igitabo cy'Ubugingo.—Umuntu ashobora kwibaza ati: "Ni ukubera iki igitabo cy'ubugingo kizanza muri uyu mwanya, mu gihe abafite umugabane mu muzuko wa kabiri (ari naho nyuma yawo tubona iby'iki gikorwa), barangije gucirwa urubanza rwo kuzapfa urupfu rwa kabiri?" Nibura hari impamvu imwe igaragara: Ni ukugira ngo abantu bose barebe ko nta zina na rimwe mu mazina y'iteraniro rinini ry'abagiye gupfa urupfu rwa kabiri riri mu gitabo cy'ubugingo, no kumenya impamvu amazina yabo atari muri cyo; ndetse bakamenyana niba yarigeze kubamo, n'impamvu atagumishijwemo. Ni muri ubwo buryo abanyabwenge bo mu ijuru no ku isi bazamenya ko Imana ikoresha ubutabera kandi ko itabogama.

Kandi biravugwa ngo "Urupfu n'ikuzimu bijugunywa mu nyanja yaka umuriro. Ni rwo rupfu rwa kabiri." Aha ni ho haboneka urwibutso

rw'imbaraga zose (uhereye ku ya mbere ukageza ku ya nyuma) zahagurukiye kurwanya ubushake bw'Uwiteka n'umurimo we. Satani ni we wabaye inkomoko y'uyu murimo w'ubwicanyi maze ayoboramo n'abandi. Umugabane w'abamarayika bo mu ijuru wifatanyije na we mu ruhande rupfuye yari arimo, bifatanyaga na we no mu murimo w'ubwicanyi, maze umuriro w'iteka utegurirwa abo bamarayika na Satani. (Matayo 25: 41). Abantu bahindutse abarebwa n'icyo kibazo gusa kuko bifatanyije na we mu kwigomeka. Ariko aha ni ho intambara irangirira. Kuri bo umuriro ni uw'iteka ryose kuko ntawe wemerera kurokoka, kandi ntuzima kugeza ubatwitse bose bagashiraho. Urupfu rwa kabiri ni cyo gihano cyabo, kandi ni "igihano cy'iteka ryose" (Matayo 25:46) kubera ko badahonoka amaboko yacyo ateye ubwoba. "Ibihembo by'ibyaha ni *urupfu*," ntabwo ari ukubahana iteka ryose. Abaroma 6:23.

Kugira ngo twanzure iki gitekerezo, "Umuntu wese izina rye ritabonetse mu gitabo cy'ubugingo, ajugunywa mu nyanja yaka umuriro." Musomyi nkunda, mbese izina ryawe ryanditswe mu gitabo cy'ubugingo? Mbese uri guharanira guhunga ukurimbuka guteye ubwoba gutegereje abatumvira Imana? Ntuhuke kugeza ubwo uzaba umaze kugira impamvu igutera kwizera ko izina ryawe riri mu mazina y'abazaragwa ubugingo bw'iteka.

IJURU RISHYA N'ISI NSHYA

IBYAHISHUWE 21

Insanganyamatsiko y'iki gice uhereye ku murongo wa 2, ni Yerusalemu Nshya, nyamara mbere yuko itangira, Yohana utubwira ko ijuru n'isi n'inyanja byo muri iki gihe bizashiraho:

UMURONGO WA 1 Mbona ijuru rishya n'isi nshya, kuko ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari byashize, n'inyanja yari itakiriho.

Ijuru Rishya n'Isi Nshya.—Igihe Yohana avuga iby'ijuru rya mbere n'isi ya mbere, nta gushidikanya aba avuga ijuru n'isi byo muri iki gihe, “ijuru n'isi bya none.” 2 Petero 3:7. Abantu bamwe batekereje ko igihe Bibiliya ivuze iby'ijuru rya gatatu, ahari Paradizo n'igiti cy'ubugingo (1 Abakorinto 12: 2 n'Ibyahishuwe 2: 7), iba irengurira ku ijuru ryo mu gihe kizaza, ngo ikaba idahamya ko hariho Paradizo n'igiti cy'ubugingo gifatika kiri mu ijuru muri iki gihe cya none. Iki gitekerezo bagishingira ku kuba Petero avuga iby'amajuru atatu n'amasi atatu; ibyariho mbere y'umwuzure, ibiriho none, n'ibizabaho mu gihe kizaza. Nyamara icyo gitekerezo gihindurwa ubusa n'umurongo wa mbere w'igice cya 21 cy'Ibyahishuwe; kubera ko hano Yohana yemera gusa amajuru abiri n'amasi abiri. Ibiriho none abyita ibya mbere, ku buryo ukurikije ibivugwa aha, ijuru rishya ryo mu gihe kizaza aryika irya kabiri, aho kuba irya gatatu, nk'uko bibwira ko Petero yabivugaga. Bityo rero, ni impamo ko Petero atari agendereye gushyiraho urutonde twakurikiza tuvuga ko hariho ijuru rya mbere, irya kabiri ndetse n'irya nyuma ari ryo rya gatatu. Ingingo yari afite mu ntekerezo ze, yari iyo kwerekana gusa ko ijuru ry'ibifatika n'isi byasimbuye ukurimbuka kw'isi yarimbuwe n'umwuzure, bityo ijuru ry'ibigaragara n'isi bikaba bizabaho nk'ingaruka y'uko ibiriho muri iki gihe bizahindurwa bishya. Kubera iyi mpamvu rero, nta gihamya cyerekana ko igihe Bibiliya ivuze iby'ijuru rya gatatu iba irengurira ku buryo bwa gatatu ijuru rya none n'isi ya none bizaba bimeze, kubera ko abanditsi ba Bibiliya bose bajyaga kuba barabihuriyeho. Muri ubu buryo, ibitekerezo bitangwa n'abagerageza guhakana ko hariho Paradizo n'igiti cy'ubugingo bifatika muri iki gihe, bikubitwa hasi.

Mu by'ukuri Bibiliya yemera amajuru atatu mu miterere y'ibiriho muri iki gihe. Ayo majuru akaba ari aya: irya mbere ni ikirere gituwemo n'ibisiga byo mu kirere; irya kabiri ni ijuru ribonekamo imibumbe, ari cyo kirere kibonekamo izuba, ukwezi n'inyenyeri; noneho irya gatatu rikaba riri hejuru cyane, hejuru y'andi majuru, aho Paradizo n'igiti cy'ubugingo biboneka (Ibyahishuwe 2:7). Aho ni ho Imana iri n'intebe ya cyami yayo (Ibyahishuwe 22: 1, 2), ni ryo juru Pawulo yajyanwemo mu iyerekwa ry'ibyo mu ijuru (2 Abakorinto 12:2), rya rindi Kristo yazamutse akajyamo igihe yari avuye mu isi (Ibyahishuwe 12: 5). Aho ni ho Kristo yicaranye na Se muri iki gihe ku ntebe ya cyami nk'Umwami akaba n'Umutambyi (Zekariya 6:13). Ni na ho umurwa w'ubwiza uri, utegereje abera igihe bazaba binjiye mu bugingo (Ibyahishuwe 21:2). Imana ihimbazwe kuko muri icyo gihugu cyuzuye kurabagirana haturutseyo ubwenge bukagera kuri iyi si yacu iri kure cyane nk'aha turi! Izina ryayo ryera rishimwe kuko inzira yafunguwe, ari yo nzira igororotse kandi irabagirana umucyo yafunguriwe kuyobora abantu muri ubwo buturo buhuriwe!

Inyanja Yari Itakiriho.—Kubera ko Yohana avuga ati: “n'inyanja yari itakiriho” rimwe na rimwe havuka ikibazo nk'iki: Mbese ni ukuvuga ko mu isi nshya nta nyanja izahaba? Kuvuga ko nta nyanja izaba mu isi nshya, ntabwo bituruka muri uyu murongo kubera ko ibyo Yohana ari kuvugaho ni ijuru n'isi n'inyanja byo muri iki gihe. Byashoboraga guhindurwa ngo: kuko ijuru rya mbere n'isi ya mbere byari bitakiriho, ndetse n'inyanja nayo yari itakiriho. Ni ukuvuga ngo inyanja ya kera yari itakigaragara ukundi, ndetse n'ijuru rya kera n'isi ya kera. Nyamara hashobora kubaho inyanja nshya nk'uko hariho isi nshya.

Kuri uyu murongo umwanditsi Adam Clarke aravuga ati: “Inyanja ntiyongeye kuboneka ukundi ndetse n'ijuru rya mbere n'inyanja ntibyari bikiboneka. Byose byari byarahinduwe bishya; ndetse ahari inyanja nshya yari iri aho itari isanzwe iba, yari yashyizwe ahatandukanye n'aho yari iri ku isi ya kera.”³⁸⁸

Uruzi rw'ubugingo dusoma mu gice gikurikira iki, rutemba ruva ku ntebe ya cyami y'Imana, kandi rutembera mu nzira nini zo mu murwa. Urwo ruzi rugomba kubona ahantu ruha amazi yarwo, ariko se aho hantu haba hehe atari mu nyanja yo mu isi nshya? Kuba mu isi nshya hazaba inyanja imwe cyangwa inyanja nyinshi bishobora gufatirwa umwanzuro duherereye ku buhanuzi buvuga iby'ubwami bwa Kristo mu gihe kizaza mu magambo akurikira: “ubwami bwe buzahera ku nyanja bugere ku yindi, buzahera no ku ruzi bugere no kumpera y'isi.” (Zekariya 9:10). Ariko kuba amazi yaba ari $\frac{3}{4}$ nk'uko biri muri iki gihe, umuntu yabyemera bigoranye. Isi nshya aho ubwoko bw'Imana bw'abiringirwa buzatura, izaba ifite ibintu byose bya ngombwa biyibereye ngo bigire uruhare mu gutuma haba ahantu hashimishije kandi huje ubwiza.

³⁸⁸ Adam Clarke, *Commentary on The New Testament*, Vol. II, p. 1058, note on Revelation 21: 1.

UMURONGO WA 2 Mbona ururembo rwera Yerusalemu nshya rumanuka ruva mu ijuru ku Mana, rwiteguwe nk'uko umugeni arimbishirizwa umugabo we. 3 Numva ijwi riranga rivuye kuri ya ntebe rivuga riti "Dore ihema ry'Imana riri hamwe n'abantu kandi izaturana na bo, na bo bazaba abantu bayo kandi Imana ubwayo izabana na bo ibe Imana yabo. 4 Izahanagura amarira yose ku maso yabo kandi urupfu ntiruzabaho ukundi, kandi umuborogo cyangwa gutaka cyangwa kuribwa ntibizabaho ukundi kuko ibya mbere bishize."

Urugo rwa Data.—Ku bifitanye isano n'ibyo Yohana yabonye mu murwa weru ubwo wamanukaga uva mu ijuru, humvikanye ijwi rivuga riti: "Dore ihema ry'Imana riri hamwe n'abantu, kandi izaturana na bo." Imana Ikomeye izana ubuturo bwayo kuri iyi si, ariko ntabwo twibwira ko Imana itegetswe kubigenza itya, cyangwa se kubujyana ku wundi mubumbe uwo ari wo wose mu yo yaremye. Kuri iyi si ihafite intebe y'ubwami, kandi isi yishimira cyane kubana na Yo ku buryo bishobora kuvugwa ko izaturana n'abantu bayo kandi ikabana nabo mu rwego rurushijeho kuba rwiza kurenza mbere hose. Ni ukubera iki ibi byatekerezwa nk'ikintu kidasanzwe? Umwana w'Imana w'ikinege ari hano ku isi nk'umutware w'ubwami budasanzwe. Umurwa weru uri hano. Ingabo zo mu ijuru zishimishwa no gukurikirana ibibera muri iyi si ahari kurenza uko zibikora ku yindi mibumbe. Yego, dutekereje mu buryo bushingira kuri imwe mu migani y'Umukiza wacu, mu ijuru hazarushaho kubaho ibyishimo bishimira umuntu umwe wo mu isi ucunguwe kuruta abantu 99 batari bakeneye gucungurwa.

Nta Mpamvu yo Kurira.—"Imana izahanagura amarira ku maso yabo." Ntabwo izahanagura amarira ku maso y'ubwoko bwayo nk'uko bisanzwe bikorwa, kuko nta marira azaba muri ubwo bwami ku buryo akwiriye guhanagurwa. Izahanagura amarira biciye mu gukuraho impamvu zose zitera abantu kurira.

UMURONGO WA 5 Iyicara kuri ya ntebe iravuga iti "Dore byose ndabihindura bishya." Kandi iti "Andika kuko ayo magambo ari ayo kwizerwa n'ay'ukuri." 6 Kandi iti "Birarangiye. Ni jye Alufa na Omega, itangiriro n'iherezo. Ufite inyota nzamuhera ubuntu kunywa ku isoko y'amazi y'ubugingo.

Ibyaremwe Bishya.—Iyicara kuri ya ntebe ni Yo na none ivugwa mu murongo wa 11, n'uwa 12 y'igice kibanziriza iki. Iravuga iti: «Dore byose ndabihindura bishya;» ntabwo ivuga iti: «Ndarema ibintu bishya.» Ntabwo isi yarimbutse, ntabwo yavanyweho rwose ngo haremwe indi si nshya, ahubwo ibintu byose byarahinduwe biba bishya. Nimureke twishimire ko aya magambo ari ukuri. Igihe ibi bizaba bisohoye, bese bazaba biteguye kuvuga ya nteruro ifite agaciro gakomeye ngo «Birarangiye.» Igicucu cy'umwijima w'icyaha kizaba kivanyweho by'iteka ryose. Abanyabyaha bazaba barimburanywe imizi ndetse n'amashami (Malaki 4:1) bavanwe mu

isi y'abazima, kandi indirimbo yo guhimbaza no gushima izaririmbwa n'abari mu ijuru no mu isi (Ibyahishuwe 5:13) izazamuka iva mu isi y'abacunguwe no mu ijuru ryera ijya ku Mana isohoza amasezerano.

UMURONGO WA 7 Unesha azaragwa byose, nanjye nzaba Imana ye na we abe umwana wanjye. 8 Ariko abanyabwoba n'abatizera, n'abakora ibizira n'abacanyu, n'abasambanyi n'abarozi n'abasenga ibishushanyo n'abanyabinyoma bose, umugabane wabo uzaba mu nyanja yaka umuriro n'amazuku ari yo rupfu rwa kabiri."

Umurage Uhebuje.—Abaneshi ni "urubyaro rwa Aburahamu, n'abaragwa b'isezerano." (Abagalatiya 3:29). Iri sezerano rihuriza hamwe abari mu isi (Abaroma 4: 13); kandi abera bazajya mu isi nshya, atari nk'abagaragu cyangwa abasuhuke, ahubwo bazaba ari abaragwa b'igihugu cyo mu ijuru na bene cyo mu buryo bwemewe n'amategeko.

Abanyabwoba Bazababazwa.—Ariko abanyabwoba n'abatizera umugabane wabo uzaba mu nyanja yaka umuriro n'amazuku. Ijambo "abanyabwoba" ryagiye ritera abantu bamwe batekereza guhagarika imitima kuko bagiye nibura bagira ubwoba mu mibereho yabo ya Gikristo. Byaba byiza rero kwibaza iki kibazo ngo "ubwoba buvugwa aha ni ubwoba bumeze bute?" Ntabwo ari ubwoba bw'integenke zacu, cyangwa gutinya ububasha bw'umushukanyi. Ntabwo ari ugutinya gukora icyaha, cyangwa gutinya kuva mu nzira, cyangwa se gutinya kutagera ku ntego ku iherezo. Ubwoba nk'ubu butuyobora ku gushaka Uwiteka ngo adufashe. Ahubwo ubwoba buvugwa ahangaha bufitanye isano no kutizera, ubwoba bwo gutinya gukwenda, gutinya kurwanywa n'abari mu isi, gutinya kwiringira Imana no gutinyuka kwizera amasezerano yayo, gutinya ko itazasohozwa ibyo yavuze, maze umuntu agakorwa n'isoni ndetse akagira igihombo cyo kuba yarayiringiye. Gushyigikira ubwoba nk'ubu, bitera umuntu kwitanga igice mu murimo akora. Ibi bikoza Imana isoni. Ubu ni bwo bwoba dutegukwa kwirinda. (Yesaya 51:7). Ubu ni bwo bwoba butuma umuntu acirwaho iteka riboneka hano, kandi ku iherezo buzatumma abategukwa na bwo bajugunywa mu nyanja yaka umuriro, ari yo rupfu rwa kabiri.

UMURONGO WA9 Haza umwe wo muri ba bamarayika barindwi bari bafite za nzabya ndwi zuzuye ibyago birindwi by'imperuka, avugana nanjye arambwira ati: "Ngwino nkwereke umugeni, umugore w'Umwana w'Intama." 10 Anjyana ku musozi munini kandi muremure ndi mu Mwuka, anyereka ururembo rwera Yerusalemu rumanuka ruva mu ijuru ku Mana, 11 rufite ubwiza bw'Imana. Kurabagirana kwarwo gusa n'ukw'ibuye ry'igiciro cyinshi cyane nk'ibuye ryitwa yasipi, ribonerana nk'isarabwayi. 12 Rufite inkike nini kandi ndende n'amarembo cumi n'abiri, no ku marembo hariho abamarayika cumi na babiri, kandi handitsweho amazina y'imiryango cumi n'ibiri y'abana ba Isirayeli. 13 Iburasirazuba hariho amarembo atatu, ikasikazi hariho amarembo atatu, ikusi hariho amarembo atatu, n'iburengerazuba hariho amarembo atatu. 14 Inkike z'urwo rurembo

zifite imfatiro cumi n'ebiri, zanditsweho amazina cumi n'abiri y'intumwa cumi n'ebiri z'Umwana w'Intama.

Umugeni Umugore w'Umwana w'Intama.—Ubu buhamya ni ukuri ko Yerusalemu Nshya ari umugeni, umugore w'Umwana w'Intama. Marayika yabwiye Yohana mu buryo bwumvikana ko yari kumwereka umugeni, umugore w'Umwana w'Intama. Dushobora kwiringira yuko atamubeshye, ahubwo ko yasohojwe isezerano inyuguti ku nyuguti. icyo yamweretse cyose cyari Yerusalemu Nshya, ari na yo igomba kuba umugore w'Umwana w'Intama. Ntibyakabaye ngombwa gutanga ijamba ry'igihamba cy'uko uyu murwa atari itorero, iyaba iyobokamana rikundwa na benshi ritari ryaragoretse ibyanditswe ribisobanura rityo. Uyu murwa ntabwo ushobora kuba itorero kuko byaba bitumvikana kuvuga ko itorero ryubatswe ku mfatiro enye, rikagira uruhande rw'amajyaruguru, urw'amajyepfo, urw'iburasirazuba n'urw'iburengerazuba. Byaba bidasanze kuvuga ko itorero rifite inkike nini kandi ndende, rikagira amarembo cumi n'abiri, atatu kuri buri ruhande, ibyo bikaba mu mpande enye zose. Mu by'ukuri, ubu busobanuro bwose butangwa kuri uyu murwa muri iki gice, bwaba bujya kutumvikana buramutse bushyizwe ku itorero.

Igihe Pawulo yandikiraga Abagalatiya yavuze kuri uwo murwa, maze avuga ko ari *mama wa twese*, arengurira ku itorero. Ubwo rero, ntabwo itorero ari umurwa ubwawo, ahubwo ni abana b'uwo murwa. Umurongo wa 24 w'iki gice turi gusobanura, uvuga amahanga y'abakijijwe, agendera mu mucyo w'uyu murwa. Aya mahanga y'abakijijwe, kandi ku isi akaba ari yo agize itorero, ari kure y'umurwa, wa wundi utanga umucyo agenderamo. Igikurikiraho ni uko umurwa ari umurwa ufatika, wubatswe n'amabuye y'igiciro avugwa hano.

Ariko se noneho ni mu buhe buryo ushobora guhinduka umugeni, umugore w'Umwana w'Intama? Ibyahumetswe byabonye ko bikwiriye kuwuvugaho hifashishijwe iyi mvugoshusho, kandi ko byaba bihagije kuri buri muntu wese wemera Bibiliya. Iyo mvugoshusho yakoreshejwe bwa mbere muri Yesaya 54. Umurwa w'isezerano Rishya uragaragazwa. Werekanywa nk'umugore w'igishubaziko mu gihe isezerano rya Kera ari ryo ryari rifite imbaraga, kandi Abayuda na Yerusalemu ya kera byari ibintu Uwituka yitagaho mu buryo bwihariye. Ubwirwa ko "abana b'intabwa" bazagwira bakaruta "abana b'inkundwakazi." Urongera ikabwirwa ngo "Umuremyi wawe ni we mugabo wawe," kandi isezerano riheruka Uwituka aha uyu murwa rikubiyemo ubusobanuro bumwe n'ubwo tubona hano mu Byahishuwe, ari ryo iri ngo: "Yewe urengana, ugahungabanywa n'inkubi y'umuyaga ntuhumurizwe, amabuye yawe nzayateraho amabara meza, imfatiro zawe nzazishingisha safiro. Iminara yawe nzayubakisha amabuye abengerana, kandi urugabano rwawe nzarushingisha amabuye anezeza. "Abana bawe bose bazigishwa n'Uwituka, kandi bazagira amahoro menshi. Yesaya 54:11-13.

Iri ni ryo sezerano Pawulo arenguriraho, akaba ari na ryo atangaho ubusobanuro mu Bagalatiya igihe avuga ati: " Ariko Yerusalemu yo mu

ijuru ni yo mugeni, ni yo mama wa twese" (Abagalatiya 4:26), kuko mu murongo ukurikiraho asubira mu magambo y'ubu buhanuzi bwo mu gitabo cya Yesaya kugira ngo abushyigikize amagambo ye. Hano rero Pawulo ahumekewe n'Imana ahuza ayo magambo n'ubuhanuzi bwa Yesaya mu buryo budashobora kubamo ikosa, kandi muri ubwo buryo akerekana ko muri iyi mvugoshusho y' "umugore" umubyeyi ufite abana bagombaga kugwira, Uwiteka abinyujije mu muhanuzi aba avuga kuri Yerusalemu Nshya, umurwa wo mu ijuru, mu buryo buhabanye na Yerusalemu yo ku isi mu gihugu cya Palestina. Uwiteka yiyita "umugabo" w'uwo murwa. Ikirenze ibi, dufite ubuhamya bushyigikira ubu mu Byahishuwe 21.

Byose byuzuzanya n'iki gitekerezo. Kristo yitwa Se w'ubwoko bwe (Yesaya 9:6), Yerusalemu yo mu ijuru yitwa mama wa twese, natwe tukitwa abana bayo. Iyo hakoreshejwe imvugoshusho y'ubukwe, Kristo ashushanywa n'Umukwe, umurwa ukaba umugeni, noneho twebwe itorero tukaba abatumurwa. Nta rujijo ruri muri buri rwego rw'ababoneka muri ibi bintu. Ariko imyumvire ifitwe na benshi, ya yindi ifata umurwa ikawita itorero, n'itorero ikaryita umugeni, iba ifashe itorero ikarigira umugore kandi rikaba n'abana, rikaba umugeni rikaba ndetse n'abatumurwa.

Imyumvire ivuga ko ubukwe bw'Umwana w'Intama ari ugutaha kw'ibirori bya Kristo ahinduka umwami ku ntebe y'ubwami ya Dawidi, kandi ko imigani yo muri Matayo 22:1-14; 25:1-13; na Luka 12:35-37; 19:12-27 isobanura icyo gikorwa, byongera gushimangirwa n'umuco wa kera uzwi cyane. Bivugwa ko iyo umuntu yahabwaga ubutware ngo ateguke abantu, nuko akegurirwa ubwo bubasha, ibyo byitwaga ubukwe, kandi ibirori byaherekezaga icyo gikorwa byitwaga ifunguro ryo mu bukwe. Uku ni ko Adamu Clarke abivuga igihe asobanura Matayo 22:2:

"Ubukwe bw'Umwana we Arongora.—Ibirori by'Ubukwe, ni ko ijamba [gamous] risobanurwa mu buryo nyabwo. Cyangwa bikaba ari ibirori byo gutaha ku mugaragaro ukwegurirwa ubwami k'umwana wayo, kandi muri ubwo buryo, we n'abayoboze be bagashyingiranwa. (Reba 1 Abami 1: 5-9, 19, 25, n'ahandi havugwa ibirori nk'ibyo)."³⁸⁹

Benshi mu basesenguzi b'ibirangirire bumva ko uyu mugani werekana Data wa twese ashira Umwana we mu bwami bwe bwa Mesiya.

Umurwa w'Abakristo.—Amazina y'intumwa cumi n'ibiri yanditswe ku mfatiro z'umurwa yerekana ko uyu murwa ari uw'Abakristo aho kugira ngo ube umurwa wa Kiyuda. Amazina y'imiryango ari ku marembo yerekana ko abakijijwe bose bo mu bihe byose bemerwa ko ari abo muri umwe mu iyi miryango cumi n'ibiri, kubera ko bose bagomba kwinjira mu murwa banyuze muri rimwe mu marembo cumi n'abiri. Ibi bisobanura ingero usangamo ko Abakristo bitwa Isirayeli, kandi umuntu akavugishwa nk'uvugana n'imiryango cumi n'ibiri nk'uko tubibona mu Baroma 2:28, 29; 9:6-8; Abagalatiya 3:29; Abefeso 2:12, 13; Yakobo 1: 1; Ibyahishuwe 7:4.

³⁸⁹ Adam Clarke, *Commentary on The New Testament*, Vol. I, p. 209, note on Matthew 22: 2

UMURONGO WA 15 Uwavuganaga nanjye yari afite urugero rw'urubingo rw'izahabu, kugira ngo agere urwo rurembo n'amarembo yarwo n'inkike zarwo. 16 Urwo rurembo rungana impande zose, uburebure bungana n'ubugari. Ageresha urwo rurembo rwa rubingo, ageramo sitadiyo inzovu n'ibihumbi bibiri, uburebure bw'umurambararo n'ubugari n'uburebure bw'igihagararo birangana. 17 Agera inkike zarwo, ageramo imikono ijana na mirongo ine n'ine, akurikije urugero rw'abantu, ibyo ni ukuvuga ngo urw'abamarayika. 18 Inkike zarwo zubakishijwe yasipi, naho ururembo ubwarwo rwubakishijwe izahabu nziza imeze nk'ibirahuri byiza.

Ubunini bw'Ururembo.—Ukurikije ubu buhamya ururembo rwubatswe mu buryo impande zarwo zose zingana. Yohana yavuze ko ubunini bw'urwo rurembo bungana nibura na kilometero 2400. Bishobora kumvikana ko ibi bipimo ari umuzenguruko wose w'umurwa, ntabwo ari uburebure bw'uruhande rumwe. Ukurikije ibyo uwitwa Kitto avuga, bigaragara ko ubu bwari uburyo bwa kera bwo gupima imijyi. Hapimwe uburebure bwose bw'umuzenguruko, maze bivugwa ko ari cyo gipimo cy'ururembo. Ukurikije iri hame, Yerusalemu Nshya izaba ingana na Kilometero 600 z'uburebure muri buri ruhande. Uburebure, ubugari n'ubuhagarike bwawo birangana. Uhereye kuri iyi mvugo, hari ikibazo cyavutse cyo kwibaza niba uburebure n'ubugari n'ubuhagarike bw'ururembo Yohana yeretswe byaranganaga. Ijambo ryasobanurwe ngo "birangana" ni *isos*. Uhereye ku busobanuro bwatanze na Liddell na Scott, butubwira ko rikoreshe mu kuvuga igitekerezo cy'ibintu byuzuzanya: ubuhagarike bwuzuzanyaga n'uburebure n'ubugari. Igihe Greenfield yasobanuraga rimwe mu magambo ajya gusa ryitwa *isotes*, yarihayeho ubusobanuro bwo "kuzuzanya kungana", maze atanga 2 Abakorinto 8:13, 14, nk'urugero ubu busobanuro bushobora gukoreshwamo. Kandi iki gitekerezo gishimangirwa n'uko inkike yari ifite ubuhagarike buri hagati ya metero 81 na 85. Noneho, niba ubuhagarike bw'umurwa bureshya n'uburebure n'ubugari bwawo, ni ukuvuga kilometero 600, iyi nkike ireshya na metero hafi 90, yaba ari nto cyane ugereranyije. Bityo rero, birashoboka ko ubuhagarike bw'inyubako z'ururembo bubasha kumenyekana hafatiwe ku buhagarike bw'inkike, ari nabwo twagaragaje mu buryo busobanutse.

Inkike zari zubakishijwe amabuye ya Yasipi. Iri buye ry'igiciro cyinshi rikunze gusobanurwa nk'ibuye ryiza ribengeranamo ibara ry'icyatsi kibisi, rimwe na rimwe rikaba ryiganjemo umweru n'amabara y'umuhondo." Twumva inyubako y'ibanze y'izi mfatiro yari yubatswe n'iki gikoresho, ishinzwe ku mfatiro cumi nebyiri ziri busobanurwe imbere gato. Nimutyo twibuke ko iyi nkike ya Yasipi yarabagiranaga nk'isarabwayi (umurongo wa 11), ibi bikaba bihishura ubwiza bwose bwari burimo imbere mu rurembo.

UMURONGO WA 19 Imfatiro z'inkike z'urwo rurembo zarimbishijwe amabuye y'igiciro cyinshi y'amoko yose. Urufatiro rwa mbere rwari yasipi, urwa kabiri rwari safiro, urwa gatatu rwari kalukedoni, urwa kane rwari simaragido, 20 urwa gatanu rwari sarudonikisi, urwa gatandatu rwari

sarudiyo, urwa karindwi rwari kirusolito, urwa munani rwari berulo, urwa cyenda rwari topazi, urwa cumi rwari kirusoparaso, urwa cumi na rumwe rwari huwakinto, urwa cumi n'ebiyiri rwari ametusito.

Umujyi Ufatika (Utari Imvugo Ngereranyo).—Nituramuka dufashe uyu murwa mu buryo bw'imvugoshusho nk'uko bikorwa na benshi bavuga ko ari abigisha ba Bibiliya, maze tukawufata mu buryo bw'umwuka nk'aho ari ikintu cyoroheje kidafatika, mbega ukuntu ubusobanuro bw'utu tuntu duto duto ntacyo bwaba buvuze! Nyamara nituwufata nk'ikintu kiriho mu mwimerere wawo, kandi nyine nk'uko biri ukaba ufite ubusobanuro, maze tukareba uwo murwa nk'uko umuhanuzi yashakaga ko tuwubona, nk'ubuturo buriho, umurage wacu w'ubwiza dutegereje kuzarebesha amaso yacu, mbega ukuntu ubwiza bw'ibivugwa aha bushimangirwa!

Nubwo kwiyumvisha ubwiza no gukomera kw'ibyo Imana yateguriye abayikunda atari iby'umuntu upfa, nyamara bikaba byarabonywe nk'ibiriho, abantu bashobora kwishimira kureba ubwiza bw'ubuturo bwabo bw'ahazaza. Dukunda gutinda ku busobanuro buza mu bwenge bwacu bw'igitekerezo cy'igikundiro n'ubwiza bazaranga iwacu h'iteka ryose. Igihe ibitekerezo byacu byatwawe no kwitegereza umurage ufatika kandi wizewe, twumva ubutwari bushya bwiyongereye, ibyiringiro bigahembuka, kwizera kukamera amababa yako. Twiyumvamo imitima ishimira Imana ko yashyize mu bubasha bwacu gushyikira uburenganzira bwo kwinjira mu mazu meza y'abacunguwe, twiyemeza bundi bushya ko tuzaba mu bazasangira umunezero Imana yatanze, nubwo isi n'ibisitaza byayo ari byinshi. Nimutyo rero twitegereze imfatiro z'amabuye y'igiciro za rwa rurembo rukomeye rufite amarembo y'imaragarita bityo ubwoko bw'Imana bubashe kwiringira kuzawinjiramo bidatinze. Nubwo benshi mu bahanga mu by'amabuye y'agaciro bavuga ko bigoye gutahura amabuye y'agaciro aboneka muri Bibiliya, imbonerahamwe y'amabuye y'agaciro ikurikira yakozwe na Mose Stuart, iraduha igitekerezo runaka cy'ubwiza n'urunyurane rw'amabara atatse urufatiro.

Urufatiro Rwuje Ubwiza.—“Ijambo rutatse [ruhunzweho] hano rishobora gutuma umuntu agira gushidikanya niba umwanditsi yarashakaga kuvuga amabuye anyuranye atatse urufatiro agiye ahagitse hirya no hino muri rwo gusa. Nyamara iyo mfashe ubusobanuro yatanze bwose uko bwakabaye, sinumva ko ari iki yashakaga kuvuga.

“*Yasipi*, nk'uko twayibonye hejuru, inshuro nyinshi usanga ari ibuye ry'icyatsi kibisi, rifite ibara ribonerana, irimo imirongo itukura. Ariko ririmo amoko menshi.

“*Safiro* ni ibuye ry'ubururu butijimye cyane, cyangwa ubururu-juru, ryenda kubonerana, ndetse rigashashagirana nka Diyama.

“*Kalukedoni* ijya gusa n'ibuye ribonerana, cyangwa se irindi buye ry'igiciro ry'umukara ribonerana nk'isarabwayi. Mu gihe cya kera iryo buye riyasaga n'ubururu buvanze n'umweru, cyangwa ryenda kubonerana.

"*Simaragido* ryari ibuye ry'icyatsi kibisi gitsibaze, kandi rikaza ku mwanya wa kabiri mu gukomera nyuma ya Rubi [ubwoko bw'ibuye rikomera cyane ritukura].

"*Sarudonikisi* ni imvange y'ibuye rya Kalukedoni n'irya Koruneliyani, rifite ibara risa n'iry'inyama y'umuhore.

"*Sarudiyo*, bishoboka ko ryaba ari ibuye rya koruneliyani. Nyamara rimwe na rimwe riba rifite ibara ry'umutuku utsibaze.

"*Kirusolito*, nk'uko izina ryaryo ryumvikana, ni ibuye risa n'umuhondo cyangwa ibara rya Zahabu, ndetse rirabonerana. Birashoboka ko igitekerezo cy'uko umurwa wose ari zahabu, cyaturutse ku bwiganze bw'iri buye.

"*Berulo*, ni ibuye risa n'icyatsi kibisi cy'amazi y'inyanja.

"*Topazi* yo muri iki gihe cyacu imenyekanira ku ibara ryayo rijya gusa n'umuhondo; nyamara topazi yo mu bihe bya kera yasaga n'icyatsi kibisi kigajutse. ...

"*Kirusoparaso* ni ibuye risa n'umuhondo ugajutse n'icyatsi kibisi kigajutse, mbese nk'igitunguru cy'icyatsi kibisi; rimwe na rimwe rishyirwa mu bwoko bwa topazi.

"*Huwakinto*, ni ibuye risa n'umutuku wijimye cyangwa ibara ry'umuhengeri.

"*Ametusito* ni ibuye rikomera cyane rirabagirana risa n'umuhengeri; rikunze kuboneka mu Buhinde.

"Iyo turebye muri aya matsinda atandukanye, tubona amabuye ane abanza asa n'uruvange rw'icyatsi kibisi cyangwa ubururu bugajutse; irya gatanu n'irya gatandatu, afite ibara ry'umutuku cyangwa umuhemba; irya karindwi rifite ibara ry'umuhondo; irya munani, irya cyenda n'irya cumi yo afite amabara atandukanye ariko ajya gusa n'icyatsi kibisi kigajutse; irya cumi na rimwe n'irya cumi n'abiri afite ibara ry'umuhemba cyangwa umutuku urabagirana. Bityo rero, hari gahunda yakurikijwe mu gushyira mu matsinda aya mabuye y'amabara atandukanye. Ni uruvange rudatandukanye n'uruboneka mu mukororombya, itandukaniro rihari ni uko uru rwo rurushijeho kugira amabara menshi cyane."³⁹⁰

UMURONGO WA 21 Amarembo uko ari cumi n'abiri, yari imaragarita cumi n'abiri, irembo rimwe ryubakishijwe imaragarita imwe, atyo atyo. Inzira nyabagendwa yo muri urwo rurembo yashigirijwe izahabu nziza isa n'ibirahuri bibonerana.

Amarembo y'Imaragarita.—Umurwa mwiza w'Imana wubakishijwe amabuye y'agaciro gakomeye hano ku isi, ishusho yawo igaragazwa neza ko ufite amarembo y'imaragarita. Nyamara ikirenze iki, ni uko Ibyanditswe Byera bivuga ko buri rembo ryubatswe n'imaragarita imwe. Imiryango

³⁹⁰ Moses Stuart, *A Commentary on the Apocalypse*, Vol. II, pp. 383, 384.

yawo isa n'umukororombya urabagiranaho amabara meza agaragara uherye mu nzugi zawo zizunguriza ku mapata yazo zikingukira kwakira abacunguwe ngo binjire mu rugo rwabo rw'iteka ryose.

Inzira Nyabagendwa Yasigirijwe Izahabu Nziza.— Nk'uko biri mu murongo wa 18, muri uyu murongo bivugwa ko umurwa wubakishijwe izahabu itunganijwe, irabagirana nk'ibirahure. Ni ukuvuga ko ibonerana nk'ikirahure. Fata akanya utekereze ukuntu inzira isigirijwe ityo yaba isa. Ahantu heza hari kuri buri ruhane rwayo, hajya hagaragara hejuru yazo, n'ijuru ryo hejuru y'iyi nzira nyabagendwa rikabonerana hari muri iyi nzira; ku buryo ku muntu uri kugendagenda muri izo nzira za zahabu byagaragara ko we ubwe ndetse n'umurwa baba bagaragara hejuru hagati y'ikirere kitarondoreka; mu gihe amazu meza ari kuri buri ruhande rw'inzira, na yo aba afite ububasha bwo kuboneranaho amashusho, mu buryo butangaje yagaragaraho amashusho y'abantu n'amazu yikubye inshuro nyinshi, maze ibintu byose bigahinduka bishya, bigashimisha kandi bikaba byiza ku buryo burenze uko umuntu yabitekereza.

UMURONGO WA 22 icyakora sinabonye urusengeru muri rwo, kuko Umwami Imana Ishoborabyose n'Umwana w'Intama ari bo rusengeru rwarwo.

Urusengeru Ruzima.—Iyo havuzwe urusengeru mu bwenge hahita haza igitekerezo cy'ibitambo n'umurimo w'ubuhuza. Nyamara igihe umurwa uzaba umaze kugera mu isi, umurimo nk'uwo ntuzabaho. Ibitambo n'amaturu ndetse n'umurimo wose ushingiyeye kuri byo uzaba wararangiye ubutazongera kubaho. Bityo rero, ntibizaba ari ngomwa kugira ikimenyetso kigaragarira amaso cy'umurimo nk'uwo. Ariko urusengeru rwo muri Yerusalemu ya kera, hejuru yo kuba rwari ahantu hakorerwa umurimo wo kuramya mu buryo bw'ibitambo, rwari n'ubwiza n'icyubahiro by'aho hantu. Mu buryo busa nk'aho yari yiteze ikibazo cyashoboraga kuvuka cyo kwibaza ikintu kizaba umurimbo n'ubwiza bw'umurwa mushya niba nta rusengeru ruwurimo, umuhanuzi Yohana arasubiza ati: "Umwami Imana Ishoborabyose n'Umwana w'Intama ni bo rusengeru rwawo."

UMURONGO WA 23 Kandi urwo rurembo ntirugomba kuvirwa n'izuba cyangwa n'ukwezi, kuko ubwiza bw'Imana ari bwo buruvira kandi Umwana w'Intama ari we tabaza ryarwo. 24 Amahanga azagenda mu mucyo warwo, abami bo mu si bazaneye ubwiza bwabo. 25 Amarembo yarwo ntazugarirwa ku manywa na hato kuko ijoro ritabayo. 26 Kandi bazazanaye ubwiza n'icyubahiro by'amahanga. 27 Muri rwo ntihazinjiramo ikintu gihumanya cyangwa ukora ibizira akabeshya, keretse abanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama.

Nta Joro Rihaba.—Birashoboka ko ari mu murwa honyine hatazaba ijoro. Birumvikana ko mu isi nshya hazaba amanywa n'amajoro, ariko hasaba amanywa n'amajoro afite ubwiza butangaje. Igihe yavugaga iby'igihe nk'iki, umuhanuzi yaravuze ati: "Umwezi w'ukwezi uzamera nk'umucyo w'izuba, kandi umucyo w'izuba uzongerwa karindwi uhwane n'umucyo

w'iminsi irindwi, ubwo Uwiteka azapfuka ibisebe by'abantu be akavura n'inguma zabo." (Yesaya 30:26). Nyamara se niba muri icyo gihugu umucyo w'ukwezi umeze nk'uw'izuba, ni mu buhe buryo umuntu yavugaga ko hari ijoro? Umucyo w'izuba uzaba wikubye inshuro ndwi, ku buryo n'aho ijoro ryaho ryaba rimeze nk'umunsi wo muri iki gihe cyacu, umunsi uzaba ucyeye inshuro zirindwi, wenda uwugereranyije n'uwo muri iki gihe cyacu. Ijoro n'amanywa byombi bizaba bifite ubwiza butarondoreka.

Umurongo wa 24 uvuga iby'amahanga n'abami. Amahanga avugwa ni amahanga y'abacunguwe, kandi ku rwego runaka, mu isi nshya twese tuzaba turi abami. Dufite "ubwami" kandi "tuzima ingoma" iteka n'iteka.

Nyamara bigaragarira muri imwe mu migani y'Umukiza wacu (nko muri Matayo 25:21,23), ko bamwe bazaba mu myanya y'abatware, bikavugwa ko abandi benshi bazaba abami bo ku isi ituwe n'amahanga y'abakijijwe. Abo bazazana ubwiza n'icyubahiro muri uwo murwa, igihe ku masabato no ku mboneko z'ukwezi bazajya baba baje kuramya Imana. (Yesaya 66:23).

Musomyi, urashaka kugira umugabane mu bwiza buhoraho bw'uyu murwa wo mu ijuru? Noneho, suzuma niba izina ryawe ryanditswe mu gitabo cy'ubugingo cy'Umwana w'Intama; kubera yuko abo amazina yabo yanditswe muri cya "gitabo cy'icyubahiro" cyo mu ijuru ari bo bashobora kwinjira muri wo.

IWABO W'ABACUNGUWE

Mbega Isi yagizwe Nshya! Paradizo yo mu ijuru!
Ahantu hakwiriye ho guturwa, n'igikundiro cyawe cyose,
Kandi uri mwiza ubu, kuruta igihe Imana yawe
Yavugaga ku nshuro ya mbere ko uri mwiza—Hantu hakwiriye ho guturwa,
uraboneye cyane,
Uri mwiza bitangaje, urimbishijwe n'amahoro amwenyura,
Kubw'abera bose, abacunguwe mu bantu bose;
Ni nde uzanyura mu marembo yawe, Murwa mwiza utazahanguka?
Amarembo yawe y'imaragarita, ni nde uzayinjiramo?
Ahatazarangwa urugomo, no kwigomeka ntikuhagere,
Ni nde uzagenda mu nzira zawe zicyeye kandi zirabagirana zashizwe izahabu;
Akagendagenda ku nkombe z'imigezi y'amazi y'ubugingo, imigezi ibonerana
nk'isarabwayi;
Itembera imbere y'intebe y'Imana, akemererwa kuhagera;
Akemererwa kujya ku giti cy'ubugingo cyigondeye hejuru mu kirere,
Agasoroma ku mbuto z'ubugingo, akarya maze akabaho;
No kumwenyura kwawe kunejeje, Mwami w'abera!
Ufite ubwiza butarondoreka; kuko
Ubwiza bwawe burabagirana; aho ni ho huzuye umunezero,
Mu kuboko kwawe kw'iburyo, hari umunezero w'iteka ryose.

(Uyu muvugo wavanywe mu gitabo cyiswe "Ijwi ry'Imbuzi ku Bihe n'Ubuhanuzi [The Warning Voice of Time and Prophecy], cyanditswe na Uriah Smith)

IGICE CYA 22

AMAHEREZO

HAZABA AMAHORO

IBYAHISHUWE 22

UMURONGO WA 1 Anyereka uruzi rw'amazi y'ubugingo rubonerana nk'isarabwayi, ruva ku ntebe y'Imana n'Umwana w'Intama, 2 rutembera mu nzira nyabagendwa hagati. Hakurya no hakuno y'urwo ruzi, hariho igiti cy'ubugingo cyera imbuto z'uburyo cumi na bubiri, cyera imbuto z'uburyo bumwe bumwe uko ukwezi gutashye. Ibibabi byacyo byari ibyo gukiza amahanga.

Marayika akomeza kwereka Yohana ibintu bitangaje byo mu murwa w'Imana. Hagati muri iyo nzira yo mu murwa hari igiti cy'ubugingo.

Inzira Nyabagendwa Ngari.—Nubwo ijambo inzira rikoresheha hano mu buke, ntibishatse kuvuga yuko mu murwa hari inzira imwe, kubera ko hari amarembo cumi n'abiri, kandi birumvikana ko hagomba kuba inzira yerekera kuri buri rembo muri aya. Nyamara inzira ivugwa aha, ni inzira nkuru ishamikiyeho izindi, cyangwa se dukoresheje ijambo ry'umwimerere, ni inzira ngari, inzira nini iruta izindi.

Uruzi rw'Ubugingo.—Igiti cy'ubugingo kiri rwagati muri iyi nzira nyabagendwa, nyamara kiri hakurya no hakuno y'uruzi rw'ubugingo. Ku bw'ibyo rero, uruzi rw'ubugingo na rwo ruri rwagati mu nzira nyabagendwa yo mu murwa. Uru ruzi rutemba ruva ku ntebe ya cyami y'Imana. Ubwo rero ishusho iza mu bwenge ni iyi: Intebe y'ubwiza y'Imana iri ku ntangiriro y'iyi nzira ngari, cyangwa inzira nkuru ishamikiyeho izindi. Hagati muri iyo ntebe hasohokamo uruzi rw'ubugingo, rugatembera hagati muri iyo nzira; noneho igiti cy'ubugingo cyo giteye hakurya no hakuno y'uruzi kigakora ishusho nini y'umuheto hejuru y'uwo mugezi munini, maze hirya no hino mu mpande z'urwo ruzi kihakagaba amashami arimo ubugingo. Ntidushobora kugera ubunini bw'iyi nzira nyabagendwa, nta buryo dufite bwadushoboza kumenya uko ingana, ariko bihita byumvikana ko umurwa ufite ubuso bungana n'ubwikube bwa kilometero 600 waba ufite ahantu hahagiye hajya inzira ngari yo muri wo.

Igiti cy'Ubugingo.—Ariko se bishoboka bite ko igiti cy'ubugingo cyaba ari igiti kimwe, kandi kikaba kiboneka hakurya no hakuno y'uruzi? Biragaragara ko hari igiti kimwe gusa cy'ubugingo. Uhereye mu Itangiriro ukageza mu Byahishuwe kivugwa nk'aho ari kimwe gusa—igiti cy'ubugingo. Kuba kiri hakurya no hakuno icyarimwe, kigomba kuba gifite ibihimba

birenze kimwe ku buryo bihurira hejuru bikarema igiti kimwe. Igihe Yohana yari ajyanwe mu Mwuka, maze akerekwa akantu kose kuri iki kintu gitangaje, avuga yuko cyari kiri hakurya no hakuno y'uruzi.

Igit cy'ubugingo cyera imbuto z'uburyo cumi na bubiri, kandi cyera imbuto z'uburyo bumwe uko ukwezi gutashye. Iki gihamya kimurika umucyo ku magambo ari muri Yesaya 66:23 ahavuga ko abantu bose "uhereye ku mboneko z'ukwezi ukageza ku mboneko z'ukundi" bazajya baza gusenga imbere y'Uwiteka Nyiringabo. Amagambo yakoreshejwe mu Kigiriki *kata mena hekaston*, muri uyu murongo asobanura "buri kwezi."

Ya Bibiliya yitwa Seputwaginti (Septuagint) yo yakoresheje "*men ek menos*" asobanura "kuva ku kwezi ukageza ku kundi." Abacunguwe bazajya bazamuka uhereye ku kwezi ukageza ku kundi baze gusangira ku mbuto z'igiti cy'ubugingo. Ibibabi byacyo ni ibyo gukiza amahanga: mu buryo butari amarenga, bizaba ibyo kugirira neza amahanga. Ntabwo ibi bikwiriye kumvikana nk'aho hari abantu bazingira mu rurembo bafite indwara cyangwa ubumuga ku buryo bazaba bakeneye gukizwa; kubera ko icyo gihe umwanzuro wakurikiraho ni uko haba hazahoraho abantu bameze batyo. Ibiramambu, igitekerezo cy'indwara n'ubumuga byo mu mibereho ipfa kinyuranye n'amagambo avugwa mu Byanditswe Byera. Ibyanditswe biravuga ngo: "Nta muturage waho uzataka indwara." Yesaya 33:24.

UMURONGO WA 3 Nta muvumo uzabaho ukundi, ahubwo intebe y'Imana n'Umwana w'Intama izaba muri urwo rurembo, kandi imbata zayo zizayikorera.

Iyi mvugo ishimangira ko Imana Ikomeye, Data wa Twese, arengurirwaho kimwe n'Umwana. Ibimenyetso by'umuvumo, ikirere kirimo umwuka uhumanye, ibiteye ubwoba bya kirimbuze no kugajuka, ntabwo bizaboneka mu isi ukundi. Buri kayaga kose gahuha kazaba ari ako guhumuriza no gutanga ubugingo. Ikizajya kiba cyose kizajya kiba ari icyiza, kandi buri jwi ryose rizumvikana rizaba ari indirimbo.

UMURONGO WA 4 Zizabona mu maso hayo izina ryayo ryanditswe mu ruhanga rwazo.

Ijambo "Hayo" rikoreshejwe mu nteruro ngo "Zizabona mu maso hayo," rirengurira kuri Data wa twese; kubera ko izina rye ari ryo ryanditswe mu ruhanga rwazo. Ni ukuvuga "Data" tubona mu Byahishuwe 14: 1. Ibi bizaba ari ugusohozwa kw'isezerano riboneka muri Matayo 5:8 rigira riti: "Hahirwa abafite imitima iboneye kuko ari bo bazabona Imana."

UMURONGO WA 5 Nta joro rizabaho ukundi kandi ntibazagomba kumurikirwa n'itabaza cyangwa kuvirwa n'izuba, kuko Umwami Imana izabavira kandi bazahora ku ngoma iteka ryose. 6 Arambwira ati: "Ayo magambo ni ayo kwizerwa n'ay'ukuri, kandi Umwami Imana itegeka imyuka y'abahanuzi, yatumye marayika wayo kwereka imbata zayo

ibikwiriye kubaho vuba. 7 Kandi dore ndaza vuba. Hahirwa uwitondera amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo."

Hano na none tuhafite amagambo avuga yuko nta joro rizaba mu murwa wera, kuko Uwiteka Imana ari we uzahabera umucyo. Kristo ubwe, uwo aya mahishurirwa yose yanyuzemo, asubiramo isezerano ryakomeje kuba ibyiringiro by'abantu mu myaka myinshi ishize, ari ryo iri ngo: "Dore ndaza vuba." Gukomeza amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo, ni ukumvira amategeko afitanye isano n'ubuhanuzi, mbese nk'urugero, Ibyahishuwe 14:9-12.

UMURONGO WA 8 Jyewe Yohana numvise ibyo kandi ndabireba. Maze kubyumva no kubireba nikubitira hasi imbere y'ibirenge bya marayika wabinyeretse, kugira ngo muramye. 9 Ariko arambwira ati "Reka! Ndi imbata mugenzi wawe kandi ndi mugenzi wa bene So b'abahanuzi, n'uw'abitondera amagambo y'iki gitabo. Imana abe ari yo uramya." 10 Kandi arambwira ati "Amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo ntuyazigame ngo uyagire ubwiru, kuko igihe kiri bugufi. 11 Ukiranirwa agumye akiranirwe, uwanduye mu mutima agumye yandure, umukiranutsi agumye akiranuke, uwera agumye yezwe. 12 "Dore ndaza vuba nzanye ingororano, kugira ngo ngororere umuntu wese ibikwiriye ibyo yakoze.

Kugira ngo umenye ubusobanuro bw'umurongo wa 8 n'uwa 9, rebatibavuzwe mu gice cya 19:10. Ku murongo wa 10, ntabwo Yohana abwirwa gufatanisha ikimenyetso amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo. Iyobokamana rikunzwe na benshi muri iki gihe rivuga ko iki gitabo cy'Ibyahishuwe gifatanishijwe ikimenyetso. Ikintu kimwe muri bibiri gikurikira kiva muri iyi myumvire: Yohana yaba atarumviye amabwiriza yahawe, cyangwa se iri yobokamana ryavuzwe haruguru riri kureba ikibazo rihumirije amaso, mu "mwuka w'ibitotsi byinshi" (Soma Yesaya 29:10-14). Umurongo wa 11 ushimangira ko igihe cy'imbabazi kirangira, kandi ibya buri wese bigafatirwa umwanzuro ubudahinduka mbere y'uko Kristo agaruka; kubera ko mu murongo ukurikiraho Kristo avuga ati: "Dore ndaza vuba." Mbega ukuntu bamwe bihandagaza bakavuga ko hazabaho igihe cyo kwemererwamo nyuma yo kugaruka kwa Kristo! Kristo arazana n'ingororano kugira ngo agororere buri muntu wese ibikwiriye ibyo yakoze. Iki ni ikindi gihamba simusiga cyerekana ko nta gihe cy'imbabazi kizabaho nyuma y'uko Kristo agaruka. Abanyabyaha bazaba bakiri bazima, ba bandi "batamenye Imana," abapagani, na ba bandi "batumviye ubutumwa bwiza bw'Umwami wacu Yesu Kristo," abanyabyaha b'abantu hose ubukristo burangwa (2 Abatesalonike 1:8), bazagerwaho no kurimbuka gutebutse guturutse kuri wa wundi uzaza hagati y'umuriro ugurumana agahora inzigo abanzi be.

Amagambo yavuzwe ku murongo wa 11 yerekana iherezo ry'igihe cy'imbabazi, ari na ryo herezo ry'umurimo wa Kristo nk'umuhuza. Ariko twigira mu nsanganyamatsiko y'ubuturo ko uyu murimo urangirana no

gusuzuma imibereho y'abakiri bazima mu rubanza rw'igenzura. Iyo uyu murimo urangiye, itangazo rikomeye ridakuka rishobora gutangazwa.

UMURONGO WA 13 Ndi Alufa na Omega, uwa mbere n'uwa nyuma, itangiriro n'iherezo. 14 "Hahirwa abamesera ibishura byabo"³⁹¹ kugira ngo bemerewe kwegera cya giti cy'ubugingo, kandi banyure mu marembo binjire muri rwa rurembo.

Hano Kristo yiyita Alfa na Omega, intangiriro n'iherezo, uwa mbere n'uw'imperuka. Umurongo wa 14 nk'uko twabibonye mbere, ni imvugo ya Kristo. Amategeko avuga aha ni amategeko ya Se.

Gukomeza Amategeko Ye.—Ahangaha amategeko arengurirwaho agomba kuba ari amategeko cumi, nk'uko yatangiye ku musizi Sinayi. Yesu Kristo yaturira umugisha ku bakomeza amategeko. Uku ni ko bimeze mu gice gisoza ijamba ry'Imana, ndetse hafi cyane y'umusozi w'ubuhamya buheruka, ubwo umugabo wo guhamya ukiranuka w'ukuri aha ubwoko bwe, avugana imbaraga maze agasezeranira umugisha abakomeza amategeko y'Imana. Nimureke abizera ko amategeko y'Imana yavuyeho bite kuri uku kuri kw'ingenzi bataryarya.

Aho kugira ngo bibe byanditswe ngo, "Hahirwa abakurikiza amategeko ye," ingeri zimwe za Bibiliya zasobanuwe harimo n'ingeri yitwa "Ingeri ya Bibiliya ivuguruwe" zifite amagambo ngo: "Hahirwa abamesa ibishura byabo." Kuri iyi ngingo, uwitwa Alford yaranditse ati: "Itandukaniro riri mu bisomwa riteye amatsiko; kubera ko mu mwimerere byoroshye kwitiranya amagambo '*poiontes tas entolas autou*' na '*plunontes tas stolas auton*'"³⁹² Uhereye ku ngingo y'uko aya magambo n'inyuguti byubatswe izi nteruro bijya kumera kimwe rwose, ntibitangaje ko gusomwa kw'aya magambo kubonekamo itandukaniro. Ariko bisa n'aho hari igihamya cyiza cyerekana ko interuro ya mbere ari yo y'umwimerere; bityo kubwo kwibeshya kw'abanditsi ikaba ari yo yahereweho bahindura kugira ngo babone interuro ya kabiri. Ni cyo gituma Isezerano Rishya ryanditswe mu Runyaramaya (imwe mu nyandiko za mbere zahinduwe zivanwa mu Kigiriki), rifite amagambo yahinduwe hakurikijwe Bibiliya yitwa "Authorized Version." Noneho uwitwa Cyprian, wanditse mbere y'inyandiko zose za Bibiliya zanditswe n'intoki mu rurimi rw'Ikigiriki, yahinduye aya magambo atya ati: "Hahirwa abakurikiza amategeko ye."³⁹³ Bityo rero, dushobora kwemera nta shiti ko aya ari yo magambo nyakuri.

UMURONGO WA 15 Hanze hazaba imbwa n'abarozi n'abasambanyi, n'abicanyi n'abasenga ibishushanyo, n'umuntu wese ukunda kubeshya akabikora.

391 Abakomeza amategeko yayo

392 Henry Alford, *The New Testament For English Readers*, note on Revelation 22: 14, Vol. II, Part II, p. 1100.

393 "The Treaties of Cyprian," XII, *The Ante, Nicene Fathers*, Vol. V, p. 525.

Imbwa ni ikimenyetso gikoreshwa na Bibiliya ishaka kuvuga umuntu utagira isoni kandi ntagire ikinyabupfura. Mbese ni nde wakwifuza kuba mu itsinda ry'abazahabwa umugabane wo kuba hanze y'umurwa w'Imana? Nyamara se ni bangahe bazacirwaho iteka nk'abarozi? Ni bangahe babeshya? Kandi ni bangahe bahimba ibinyoma, ndetse bamara kubihimba bakabikwirakwiza mu bandi!

UMURONGO WA 16 "Jyewe Yesu ntumye marayika wanjye guhamiriza mwebwe ibyo kubw' amatorero. Ni jye Gishyitsi cya Dawidi n'umwuzukuruza we, kandi ni jye Nyenyeri yaka yo mu ruturuturu."

Yesu ahamiriza ibi bintu mu matorero, yerekana ko igitabo cyose cy'Ibyahishuwe gihawe amatorero arindwi, kikaba ari ikindi gihamya cyiyongera ku bindi, cyerekana ko amatorero arindwi ahagarariye itorero ryose ryo mu gihe cyose cy'ubutumwa bwiza. Kristo ni urubyaro rwa Dawidi kubera ko agaragara ku isi nk'ukomoka mu rubyaro rwa Dawidi. Ni igishyitsi cya Dawidi, kuko ari we Dawidi yashushanyaga, akaba ari we Muremyi w'ibintu byose, ndetse akaba ari na we ubeshejeho ibyaremwe.

UMURONGO WA 17 Umwuka n'umugeni barahamagara bati "Ngwino!" Kandi uwumva nahamagare ati "Ngwino!" Kandi ufite inyota naze, ushaka ajyane amazi y'ubugingo ku buntu.

Kurarikirwa Kuza.—Muri ubu buryo, bese bararikiwe kuza. Urukundo Uwitwaga akunda abantu ntirwanyurwa gusa n'uko ategurira abantu imigisha y'ubugingo buhoraho, akabafungurira inzira yo kuyigeraho, ndetse agatangaza ko ababishaka bese baza. Ahubwo anohereza ubutumire bushishikariza abantu kuza. Yerekana ko abantu yatumiye nibaramuka baje bagasangira imigisha itarongoreka yabateguriye mu rukundo rwe rutarondoreka, baraba bamugiriye neza. Mbega ukuntu irarika rye ryuzuye ubuntu, rishyitse kandi rikaba ari iry'umudendezo! Nta muntu n'umwe mu bazazimira ku iherezo uzabasha kubona urwitwazo rwo kuvuga ko ibyaringaniye ngo agakiza ke kaboneke atabigaragariye mu buryo busobanutse. Ntibashobora guhakana ngo bavuge ko umucyo bahawe ubereka inzira y'ubugingo utagaragara neza. Ntibashobora kubona urwitwazo rwo kuvuga ko ubutumire no guhendahenda Mbabazi yabagejeje ngo bahindukire bawe mu byaha babeho, bitari byuzuye mu buryo buhagije kandi butanga umudendezo. Uhereye mu itangiriro, hagiye habaho imbaraga zakoreshejwe uko bishoboka kose, ariko zigasigira umuntu umudendezo we wo guhitamo—ni imbaraga zamwerekezaga mu ijuru, zimukura mu mworera yaguyemo. Ukwinginga kuvuga ngo "ngwino!" kwakomeje gutangwa na Mwuka guturutse mu kanwa k'Imana ubwayo, mu kanwa k'abahanuzi, mu kanwa k'intumwa zayo, no mu kanwa k'Umwana wayo; ndetse no mu gihe yarimo yishyura umwenda w'ibicumuro, mu mbabazi ze no kwicisha bugufi bitarondoreka.

Ubutumwa buheruka bw'imbabazi nk'uko buri kubwirizwa muri iki gihe, ni andi magambo aheruka yo kwihangana kw'Imana. Irarika ubu butumwa butanga ni irivuga ngo: "ngwino." Ngwino kuko ibintu byose

byiteguwe. Ijwi riheruka rizavugwa n'akanwa ka Mbabazi ryumvikanire ku matwi y'umunyabyaha mbere y'uko inkuba zo guhora zihindira kuri we. Iryo jwi rizaba ari irarika rivuye mu ijuru rivuga riti "ngwino." Ineza yuje urukundo Imana igirira umuntu wigometse ni nyinshi cyane.

Nyamara ntabwo bazaza. Mu kwigenga kwabo no gukoresha umudendezo wabo, banga kuza. Bityo rero igihe bazaba babonye Aburahamu, Isaka ndetse na Yakobo mu bwami bw'Imana, kandi bo bakibona bajugunywa hanze, nta muntu uzaba uhari wo kubashinja, ntawe uzaba uhari wo kubahamya ibyaha, keretse bo ubwabo. Ibi bazabyiyumvamo mu busharire bwabyo bwose, kubera ko igihe kizagera, maze amagambo atangaje yo gucirwaho iteka kw'abarimbuka yavuzwe na Robert Pollok agasohora inyuguti ku yindi ngo:

Inkuba zitigeze kubaho, zirivovota, zivugira
 Hanze mu mwijima, zivuga ziranguruye aya magambo
 Amagambo yasubiwemo na buri munyabyaha wese ngo
 'Wari uzi inshingano yawe, nyamara ntiwayikoze.'
 Mbega amagambo ateye ubwoba! Ntiyemera urwitwazo na rumwe; agereka
 uburemere
 bwo kurimbuka k'umuntu kuri uwo muntu ubwe,
 Guhererezwa kuri nyirako ngo: ...
 'Wari uzi inshingano yawe, nyamara ntiwayikoze.'

Na none umugeni aravuga ati "Ngwino!" Nyamara umugeni ni umurwa [ururembo]. None se ni mu buhe buryo ubasha kuvuga ngo «ngwino»? Iyaba twashoboraga guhabwa imbaraga zo kwitegereza ubwiza bw'uwo murwa ariko tugakomeza kubaho ntidupfe, kandi tukemererwa kureba ubwiza bwawo burabagirana, ndetse tugahamirizwa ko dufite uburenganzira bwuzuye bwo kwinjirayo, maze tukibera muri ubwo bwiza iteka n'iteka, mbese uwo murwa ntiwatubwira ngo «ngwino» mu kwinginga kudashobora kwangwa n'imbaraga iyo ari yo yose?

Nyamara nubwo tudashobora kureba uwo murwa, ijamba ry'Imana ritabeshya ryarawudusezeranije, kandi ibyo birahagije ngo bireme kwizera kuzima muri twe. Binyuze mu miyoboro y'itumanaho y'uko kwizera, uratubwira uti «Ngwino!» Ngwino niba ushaka kuragwa amazu meza adashobora kwinjirwamo na rimwe n'uburwayi, umubabaro, kuribwa, n'urupfu. Ngwino niba wifuza kwemererwa kujya ku giti cy'ubugingo, maze ugasoroma ku mbuto zacyo ziha umuntu kudapfa, ukazirya maze ukabaho. Ngwino niba ushaka kunywa ku mazi y'uruzi rw'ubugingo, rutemba ruva ku ntebe y'ubwami y'Imana, kandi rurabagirana nk'isarabwayi. Ngwino niba ushaka guhabwa kwinjira bisesuye mu murwa uhoraho unyuze mu marembo arabagirana y'imaragarita. Ngwino niba ushaka kugendagenda mu nzira zirabagirana nk'izahabu; niba ushaka no kureba amabuye y'imfatiro zawo arabagirana. Ngwino niba ushaka kureba Umwami mu bwiza bwe yicaye ku ntebe y'ubwami. Ngwino niba ushaka kuririmbana n'abantu uduhumbagiza indirimbo ya yubile, ugasangira na bo umunezero. Ngwino niba ushaka gufatanyaga n'abarimbuka kuririmba indirimbo mucuranga inanga z'amajwi

meza, no kumenya ko kuba mu bunyage kwawe kurangiye by'iteka, kandi uwo murwa ukaba ari ubuturo bwawe iteka ryose. Ngwino niba ushaka guhabwa umukindo wo kunesha, no kumenya ko ubatuwe by'iteka ryose. Ngwino niba ushaka guhindurirwa, ugahabwa ikamba ry'umurimbo mu mwanya w'iminkanyari yo mu gahanga iterwa no kunanizwa n'inshingano. Ngwino niba ushaka kureba agakiza k'abantu ibihumbi byinshi bacunguwe, iteraniro rifite ubwiza ry'abantu umuntu atabasha kubara. Ngwino niba ushaka kunywa ku isoko itunganye y'ubwiza butangaje bwo mu ijuru, niba ushaka kurabagirana nk'inyenyeri iteka ryose mu isanzure ryuzuye ubwiza. Ngwino niba ushaka gusangira ibyishimo bitangaje byuzuye imitima y'ingabo zinesheje, igihe zizaba zitegereza imbere yazo ibihe by'ubwiza butagira iherezo, birangwa no kurabagirana n'umunezero bihora ari bishya.

Rwose umugeni aravuga ati: «Ngwino!» Ni nde muri twe ushobora kwanga iri rarika? Ijambo ry'ukuri ridusezeranira ko nitwitondera amategeko y'Imana tukagira kwizera kwa Yesu, tuzemererwa kujya ku giti cy'ubugingo, tukanyura mu marembo maze tukinjira muri rwa rurembo. Tuziyumvamo ku turi imuhira mu rugo rwa Data, ya mazu yadutegurirwe, kandi dusobanukirwe n'ukuri kose kw'aya magambo ashimishije ngo: «Hahirwa abatorewe gusangirira ku meza mu bukwe bw'Umwana w'Intama.» Ibyahishuwe 19:9.

«Uwumva wese navuge ati 'Ngwino.'» Twagiye twumva iby'icyubahiro, ubwiza, imigisha byo muri icyo gihugu cyiza, noneho tukavuga tuti: «Ngwino.» Twumvise iby'uruzi n'inkengero zarwo zitoshye, twumva iby'igiti n'ibibabi byacyo bikiza indwara, twumva iby'utwatsi turabya indabo muri Paradizo y'Imana, nuko tukavuga tuti: «Ngwino.» Ushaka naze ajyane amazi y'ubugingo ku buntu.

UMURONGO WA 18 Uwumva wese amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo ndamuhamiriza nti «Nihagira umuntu uzongera kuri yo, Imana izamwongeraho ibyago byanditswe muri iki gitabo. 19 kandi nihagira umuntu ukura ku magambo y'igitabo cy'ubu buhanuzi, Imana izamukura ku mugabane wa cya giti cy'ubugingo no ku wa rwa rurembo rwera, byanditswe muri iki gitabo.»

Mbese ni iki cyakongerwa ku gitabo cy'ubu buhanuzi cyangwa kigakurwaho? Nimutyo tuzirikane ko ari igitabo cy'ubu buhanuzi, cyangwa Ibyahishuwe abantu bahamagarirwa kwitondera. Bityo rero, amagambo arebana no kongeraho cyangwa gukurwaho, arengurira gusa kuri iki gitabo. Nta kintu gishobora kwitwa ko cyongeweho, keretse gusa ikintu cyongewe kuri cyo hagenderewe ko uwo mugabane wongeweho ufatwa nk'umugabane w'ukuri w'igitabo cy'Ibyahishuwe. Kugira icyo ukura ku gitabo, ni ukuburizamo umwe mu mugabane yacyo. Nk'uko igitabo cy'Ibyahishuwe kitashoboraga kwitwa ibyongewe ku gitabo cya Daniyeli, ni ko n'Imana, igihe yari kubona ko bikwiriyeye kugira andi mahishurirwa iduha binyuze muri Mwuka Wera, bitari kwitwa ibyongewe ku gitabo cy'Ibyahishuwe, keretse gusa ayo mahishurirwa aramutse yiswe umugabane w'icyo gitabo.

UMURONGO WA 20 Uhamya ibyo aravuga ati “Yee, ndaza vuba.” Amen, ngwino Mwami Yesu. 21 Ubuntu bw’Umwami Yesu bubane namwe mwese. Amen.

Twahawe Ijambo ry’Imana kugira ngo ritwigishe ibyerekeye inama y’agakiza. Kugaruka kwa Kristo kuzaba ari umusozo cyangwa umwuzuro w’iyo nama ikomeye. Bityo rero, byari bikwiriye rwose ko igitabo gisoreza ku itangazo ry’ingenzi rigira riti: “Ndaza vuba.” Nimureke natwe bibe ibyacu gufatanya n’intumwa dufite imitima itaryarya dusubiza tuti: “Amen, Ngwino Mwami Yesu.”

Uku ni ko Umuzingo Wahumetswe Usoza—usoreza ku kintu kibumbatiye amasezerano yose, kikaba ari n’umutima w’ibyiringiro by’Abakristo, ari cyo *kugaruka kwa Kristo*. Ubwo ni bwo intore [z’Imana] zizakoranywa, maze zigasezera ku birushya byose byo muri ubu buzima bw’abapfa. Mbega ukuntu iri sezerano ari ingenzi mu byo Umukristo aha agaciro byose! Azerera mu isi ameze nk’impunzi, atandukanijwe n’abantu bake basangiye kwizera kw’igicro cyinshi, kandi akumbura kugendana n’abakiranutsi, no gushyikirana n’abera. Aha ni ho azabonera ibyo, kuko abakiranutsi bose bazakoranywa, ntibazaba baturutse mu gihugu kimwe gusa, ahubwo bazaba bavuye mu bihugu byose. Si ababayeho mu gihe kimwe gusa, ahubwo ni ababayeho mu bihe byose. Azaba ari umusaruro ukomeye w’abakiranutsi bose, nuko bazamuka bakoze umurongo muremure ufite ubwiza, mu gihe abamarayika bazaba batera amajwi hejuru bavuga ko umusaruro uteranirijwe mu rugo, kandi ishakwe zo mu ijuru zizumvikanisha amajwi mu gitaramo cy’agahebuzo. Indirimbo itarigeze yumvikana mbere hose, indirimbo itarigeze kumenywa mu ijuru no mu isi, indirimbo y’abacunguwe, izirangira mu kirere mu majwi y’ibyishimo n’injyana nziza ya yubile ihuje abo mu ijuru no mu isi. Uko ni ko abera bazateranirizwa hamwe, bakishimana iteka n’iteka.

“Muri icyo gihe ubwiza bw’Imana, bumeze nk’injyana idendeje, Buzuzura iteraniro rifite kudapfa.”

Nta kindi cyari kiri muri iri teraniro uretse ibyo kwifuzwa. Abera bashobora gusa kurinira mu mitima kandi bakanarisengera. Nk’uko byari biri kuri Yobu, bataka bifuza kubonana n’Imana. Kimwe na Dawidi, ntibashobora kumva banyuzwe keretse gusa ubwo bazaba bari imbere yayo. Muri iyi mibereho yacu ipfa, turaniha kandi turemerewe n’imitwari, atari ukugira ngo “twamburwe, ahubwo ni ukugira ngo twambikwe.” Ibirenge byacu ntibifashe hasi, kuko dutereje gucungurwa kw’imibiri yacu. Amaso yacu abumburiwe kubihishurirwa, amatwi yacu ategereje kumva amajwi y’indirimbo zo mu ijuru, kandi imitima yacu iratera itegereje kubona umunezero wo muri ryo. Turumva dufite ipfa ryo gusangirira ku meza yo mu bukwe [bw’Umwana w’Intama]. Dutakira Imana Ihoraho, kandi twifuza kugera imbere yayo. Ngwino Mwami Yesu, ngwino bidatinze. Nta nkuru yashimisha nko kumva hatangazwa itegeko riturutse k’Uwiteka ribwira abamarayika be riti: “Munteranirizeho intore zanjye zivuye mu birere bine by’ijuru.”

Aho tuzateranira harashimishije. Yesu, Inyamibwa mu gihumbi azaba ahari. Intebe y'ubwami y'Imana n'Umwana w'Intama, ya yindi ubwiza bwayo butuma izuba ritagaragara nk'uko amanywa atuma inyenyeri zitagaragara, izaba iri aho hantu. Umurwa wubatswe na Yasipi na zahabu, uwubatswe kandi ukaremwa n'Imana, ni ho uri. Uruzi rw'ubugingo, rurabagirana ubwiza bw'Imana kandi rugatamba ruva imbere y'intebe y'ubwami ifite kubonera n'amahoro bitarondoreka, ni ho iri. Igiti cy'ubugingo gifite amababi yo gukiza indwara n'imbuto z'ubugingo, kirahari. Aburahamu, Isaka, na Yakobo, Nowa, Yobu, na Daniyeli, abahanuzi, intumwa, n'abahowe Imana, (abo bose baranga ugutungana kw'abatuye mu ijuru), bazaba bariyo. Amahishurirwa y'ubwiza ari yo; imirima ifite ubwatsi butoshye, indabyo zitajya zihunguka, imbuto zitajya zibora, imigezi itajya ikama, ibiribwa binyuranye bitajya bishira, amakamba atajya agajuka, inanga zitajya zisobanya na rimwe, n'ibindi byose bifite uburyohe bwejweho icyaha, maze bikazamurwa bigashyirwa ku rwego rwo kudapfa, ibishobora gutekerezwa kandi bikaba ari ibyifuzwa, byose bizaba bihari.

Umugisha.—Tugomba kuzabayo. Tugomba kwishimira imbere y'ukumwenyura kw'Imana, Iyo twunzwe na Yo, tukaba tutazongera gucumura ukundi. Tugomba kwemererwa kwegera ya soko y'ubuzima itajya ikama, za mbuto z'igiti cy'ubugingo maze ntitwongere gupfa. Tugomba kugandagaza mu gicucu cy'amababi yacyo afite gukiza amahanga, maze ntitwongere kuba abanyanteye nke. Tugomba kunywa ku masoko y'ubugingo, maze ntitwongere kugira inyota ukundi; tugomba kwiyuhagira mu mazi yayo asa na feza, maze tukagarura ubuyanja. Tugomba kugendagenda mu musenyi waho wa zahabu, maze tukiyumvamo ko tutakiri abanyagano. Tugomba guhabwa ikamba mu mwanya w'umusaraba, maze tukiyumvamo ko gusuzugurwa kwacu kugeze ku iherezo. Tugomba kurambika akabando hasi tugafata ishami ry'umukindo, maze tukumva ko urugendo rwacu rurangiye. Tugomba kwambura imyambaro yacu y'intambara tukambara amakanzu yera yo kunesha, maze tukumva ko intambara irangiye, ndetse ko intsinzi ibonetse. Tugomba guhindura umwambaro wo gukorana imirimo, umwambaro uriho ivumbi ryo mu rugendo rwacu, maze tukambara umwambaro w'ubwiza no kudapfa, bityoe tukiyumvamo ko icyaha n'umuvumo bidashobora kongera kuduhumanya ukundi. Oooo! Minsi w'ikiruhuko no kunesha, n'ibyiza byose, wigumya gutinza igitondo cyawe. Abamarayika niboherezwe byihuse bateranye intore. Isezerano ririmo uruhererekane rw'ibi byiza byose bitagereranywa nirisohozwe.

YEGO, NGWINO MWAMI YESU

*"Kuko ari nta buhanuzi bwazanywe n'ubushake bw'umuntu,
ahubwo abantu b'Imana bavugaga ibyavaga ku Mana bashorewe
n'Umwuka Wera."*

IBITABO

BYIFASHISHIWE

IBITABO

- ABBOTT, LYMAN, and CONANT, T.J., eds. *A Dictionary of Religious Knowledge*. New York: Harper and Bros., 1902.
- ABBOTT-SMITH, *A Manual Greek Lexicon of the New Testament*. New York: Charles Scribner's Sons, 1922.
- ADAMS, GEORGE BURTON. *Civilization during the Middle Ages*. New York: Charles Scribner's Sons, 1922.
- ALFORD, HENRY. *The New Testament for English Readers*. New edition. Boston: Lee and Shepard, 1875.
- ALISON, SIR ARCHIBALD. *History of Europe from the commencement of the French Revolution in 1789 to the Restoration of the Bourbons in 1815*. Ninth edition. London: Willia Blackwood and Sons, 1854.
- The American Track Society. Some Memorials of Edward Lee. Track No. 379.
- The Publication of the American Tack Society. Vol. XI.
- New York The American Track Society, n.d.
- ANDREWS, SAMUEL J. *Life of our Lord upon the Earth*. New York Charles Scribner, 1862.
- Annals of Congress. See U.S. Congress.
- The Ante-Nicene Fathers. Edited by Alexander Roberts and James Donaldson.
- Revised by A Cleveland Coxe. Authorized edition. New York: Charles Scribner's Sons, 1899.
- ARNOLD, EDWIN. *Poetical Works*. Boston: Roberts Bros., 1889.
- BARBER, JOHN W., connecticut Historical Collections. Second edition . New Haven: Durrie& Peck and J.W. Baeber, 1836.
- BARKER, J. ELLIS. *The Great problems of British Statesmanship*. London: John Murray, 1917.
- BARKER, WILLIAM B. *Lares and Penates*. London: Ingam, Cooke and Co. 1853.
- BARNES, ALBERT. *Notes: Critical, Illustrative, and Practical, on the Book of Daniel*. New York: Leavit and Alen, 1859. *Notes, Eplanatory and Practical, on the Book of Revelation*. Carefully revised and corrected. London: George Routledge and Co., 1852.
- BAUDRILLART, ALFRED. *The Catholic Church, the Renaissance, and Protestantism*. London: Kegan Paul, Trench, Trubner and Co., 1908.
- BAYFORD, JOHN. *Messiah's Kingdom, or a Brief Inquiry concerning what is revealed in Scripture relative to the fact, the time, the signs, and the circumstances of the second advent of the Lord Jesus Christ*. London Printed for the Author, 1820.
- BEECHER, CHARLES. *Redeemer and Redeemed, an Investigation of the Atonement and of Eternal Judgement*. Boston: Lee and Shepard, 1864.
- BELLORD, JAMES. *A New Catechism of Christian Doctrine and Practice*, American Edition, Authorized. Notre Dame, Indian: The Ave Maria, 1907.

- BENSON, JOSEPH. *The New Testament of Our Lord and Saviour Jesus Christ....* With Critical, Eplanatory, and Practical Notes. New York: T. Carlton and J. Porter. N.d
- BLISS, S. *Analysis of Sacred Chronology*. Revised, With notes. Oakland, California: Pacific Press Publishing House, 1887.
- BLOOMFIELD, S.T. *The Greek Testament With English Notes Critical, Philological, and Exegetical*. First American from the second London edition. Boston: Perkins and Marvin, 1837.
- BLUNT, HENRY. *A Practical Exposition of the Epistles to the Seven Church of Asia*. Fifth edition. London : J. Hatchard & Son, Hamilton, Adams, and Co., 1845.
- BOWER, ARCHIBALD. *The History of the Popes from the Foundation of the See of Rome to A. D. 1758; With an Introduction and a Continuation to the Present Time*, by Samuel Hanson Cox. Philadelphia: Griffith and Simon, 1847.
- BROCK, MOURANT. *Glorification*. London: James Nisbet and Co., 1845.
- BROOKS, J. W. *Elements of Prophetical Interpretation*. Philadelphia: Orrin Rogers, 1841.
- BURR, ENOCH FITCH. *Ecce Coelum, or Parish Astronomy*. Twenty-first edition. New York: American Tract Society, 1867.
- BUTLER, JAMES. *The Most Rev. Dr. James Butler's Catechism*. New York: P.J. Kennedy, 1887.
- BURRIT, ELIJAH H. *The Geography of the Heavens*. A New edition, revised and illustrated by Hiran Mittison. New York: F.J. Huntington, 1853.
- CAFFERATA, H. CANON. *The Catechism Simply Explained*. St. Louis, Mo.: B. Herder Book Co., 1932.
- Cambridge Ancient History. New York: The Macmillan Co., 1929.
- Cambridge Bible for Schools and Colleges. *The Book of Daniel*, With Introduction and Notes by S. R. Driver. Edited for the Syndics of the University Press, by A. F. Kirkpatrick. Cambridge: University Press, 1900.
- Cambridge Medieval History. New York: The Macmillan Co., 1936.
- Cambridge Modern History. New York: The Macmillan Co., 1936.
- CAMPBELL, ALEXANDER. *Christian Baptism With Its Antecedents and Consequences*. Bethany, Va.: Alexander Campbell, 1853.
- CAMPBELL, J.M. *The Everlasting Gospel*. Greenoch: R.K. Lush, 1830.
- Catechism of Christian Doctrine, No.2*, Prepared and Enjoined by Order of the Third Planary Council of Baltimore. New York: The Paulist Press, 1929.
- Catechism of the Council of Trent*. Translated by J. Donovan. Dublin: James Duffy, Sons and Co., pref. 1829.]
- Catholic Encyclopedia*. New York: Robert Appleton Co., 1909.
- CHALLONER, RICHARD. *The Catholic Christian Instructed*. Baltimore: Metropolitan Press, 1844.
- CHURCH, RICHARD W. *The Beginning of the Middle Ages*. New York: Charles Scribner's Sons, 1887.
- CLARKER, ADAM. *The Holy Bible, With a Commentary and Critical Notes. The Old Testament*. New York: Lane and Scott, 1850. *The New Testament of Our Lord and Saviour Jesus Christ, With a Commentary and Critical Notes. A New edition*. New York: George Lane and Levi Scott, 1851.
- CLEMENT, CLARA ERSKINE. *Egypt*. Boston: D. Lothrop & Co., 1880. *Codex Justiniani, lib. 1, tit. 1* ; translation as given in *The Petrine Claims*, R.F. Littledale, p. 293. London: Society for promoting christian Knowledge, 1889.
- COLEMAN, CHRISTOPHER B. *Constantine the Great and Christianity*. New York: The Columbia University Press, 1914. *The Treatise of Lorenzo Valla on the Donation of Constantine*. New Haven: Yale University Press, 1922.

- COOK, F. C. *The Bible Commentary. New Testament.* New York: Charles Scriber's Sons, 1890.
- CORMACK, GEORGE. *Egypt in asia, a Plain Account of Pre-Biblical Syria and Palestine.* London: Adam and Charles Black, 1908.
- CORMENIN, LOUIS MARIE DE. *The Public and Private History of the Popes of Rome.* Translated from the French. Philadelphia: James M. Campbell, 1847.
- Corpus Juris Canonici. Lyones, 1622.
- Cottage Bible and Family Exposition; Containing the Old and New Testaments, With Practical Expositions and Explanatory Notes by Thomas Williams.... Edited by William Patton. Hartord: Case, Tiffany and Co., 1853.
- CRANSTON, EARL. *The Church and the Government.* Washington, D.C., 191.
- CRORLY, GEORGE. *The Apocalypse of St. John.* Second edition, revised. London: C. and J. Rivingston, 1828.
- CRUDEN, ALEXANDER. *A Complete Concordance to the Holy Scriptures.* New edition. New York: Fleming H. Revell Co., [n.d]
- CUNINGHAME, WILLIAM. *A Dissertation on the Seals and Trumpets of the Apocalypse and the Prophetical Period of 1260 years.* Fourth edition, corrected and enlarged. London: Thomas Cadell, et al., 1843.
- CUSA, NICHOLAS KREBS VON. *Conjectures of Cardinal Nicholas von Cusa Concerning the Last Days.*
- D'AUBIGNE, See MERLE D'AUBIGNE, JEAN HENRI.
- DAVIDSON, BENJAMIN. *The Analytical Hebrew and Chaldee Lexicon.* London: Samuel Bagster and Sons. [n.d]
- Dialogues on Prophecy. London: James Nisbet, 1828.
- DODDRIDGE, PHILIP. *The Family Exposition : or a Paraphrase and Version of the New Testament, With Critical Notes.* Seventh edition. London: T. Longman, et al., 1792.
- DOWLING, JOHN. *The History of Romanism, from the Earliest Corruption of Christianity.* A New edition. New York: Edward Walker, 1871.
- DUNKIN, EDWIN. *The Heavens and the Earth.*
- DUPIN, LOUIS ELLIES. *Bibliotheca Patrum: or, A New History of Ecclesiastical Writers.* London: Abel Swal and Tim. Childe, 1693.
- DURUY, VICTOR. *The History of Middle Ages.* Translated from the twelfth edition by E.H. and M.D. Whitney, with notes and revisions by George Burton Adams. New York: Henry Holt and Co., 1891.
- EADIE, JOHN. *Biblical Cyclopedia.* New edition, revised. London: Charles Griffin and Co. [Pref. 1901.]
- ELLIOTT, EDWARD B. *Hore Apocalyptice.* Second edition, carefully revised. London: Seeley, Burnside, and Seeley, 1846.
- EMERTON, EPHRAM. *Introduction to the Study of the Middle Ages (375-814).* New York: Ginn and Co., 1916.
- Encyclopedia Amercana.* Philadelphia: Lea and Blanchard, 1849. *Encyclopedia Britannica.* Eleventh edition. New York: The Encyclopaedia Britannica Co., 1910.
- EVERETT, EDWARD. "Oration Derivered at Plymouth, December 22, 1824." *Orations and Speeches on Various Occasions.* Boston: Amercan Stationer's Co., 1836.
- FARRAR, F.W. *The Early Days of Christianity.* Author's edition. New York: Cassell, Petter, Galpin and Co. [pref. 1882.]
- Federal Council of the Churches of Christ in Amerca. *Report of the First Meeting of the Federal Council, Philadelphi, 1908.* Edited by Elias B. Sanford. New York: The Revell Press, 1909.
- FERRARIS, LUCIUS. *Prompta Bibliotheca.* Venice: Gaspard STORTI, 1772. *Prompta Bibliotheca.* Rome, 1890.

- FINDLAY, JAMES ARTHUR. *The Rock of Truth, or Spiritualism, the Coming World Religion*. Philadelphia: David MCKAY Co., 1933.
- FOGG, WALTER. *One Thousand Sayings of History*. Boston: The Beacon Press, Inc, 1929.
- GEDDES, MICHAEL. "A View of the Court of Inquisition in Portugal." *Miscellaneous Tracts*. Third edition. Vol.I. London: B. Barker, et al., 1730.
- GESENIUS, WILLIAM. *A Hebrew and English Lexicon of the Testament, including the Biblical Chaldee*. Translated by Edward Robinson. Twentieth edition. Boston: Crocker and Brewster. [n.d]
- GIBBON, EDWARD. *The History of the Decline and Fall of the Roman Empire*. Edited by H. H. Milman. A New edition. New York: Harper and Bros. [pref.1845.] *The Student's Gibbon*. Abridged by William Smith. New York: Harper and Bros., 1884.
- GILKEY, JAMES GORDON. *A Faith to Affirm*. New York: The Macmillan Co., 1940.
- GREENFIELD, WILLIAM. *The Polymicrian Greek Lexicon to the New Testament*. Philadelphia: Henry Perkins, 1848. (Bound with his *Novum Testamentum, Greek*).
- HALES, WILLIAM. *A New Analysis of Chronology and Geography, History and Prophecy*. Second edition, corrected and improved. London: C. J. G. and E. Rivingston, 1830.
- HARDUIN, P. JOANNIS. *Acta Conciliorum*. Paris: Typographia Regia, 1714.
- HENRY, MATTHEW. *A Commentary on the Old and New Testaments*. New and Illustrated edition. Louisville, Kentucky: Baptist Book Concern. [Pref,1710.]
- Herodotus. Translated by Henry Cary. London: G. Bell and Sons, 1917.
- HISLOP, ALEXANDER. *The Two Babylons*. Popular edition. London: S. W. Partridge and Co., 1907.
- History of the International Reform Bureau*. See International Reform Bureau.
- HODGKIN, THOMAS. *Theodoric the Goth, the Barbaric Champion of Civilization*. New York: G. P. Putnam's Sons, 1891.
- International Form Burea. *Patriotic Studies of a Quarter Centry of Moral Legislation in Congres....1888-1911*. Edited by Wilbur F. Crafts. Washington, D. C.: International Reform Bureau, 1911.
- JEANS, JAMES H. *The Star in Their Courses*. New York: The Macmillan Co., 1931.
- JEFFERSON, THOMAS. *The Writings of Thomas Jrrfferson*. Edited by H. A. Washington. New York: H.W.Derby, 1861.
- JENKS, WILLIAM, ed. *The Comprehensive Commentary on the Holy Bible*. Brattleboro: Brattleboro Typographic Co., 1838.
- Jewish Encyclopedia*. New York: Funk and Wagnalls Co., 1903.
- JOACHIM OF FLORIS. *Concordantia*. Edition of 1519.
- JOSEPHUS, FLAVIUS. "Antiquities of the Jews." *The Works of Flavius Josephus*. Translated by William Whiston. Standard edition. Philadelphia: The John C. Winston Co. [n.d]
- KEENAN, STEPHEN. *A Doctrinal Catechism*. New York: Edward Dunigan and Bro., 1851.
- KEITH, ALEXANDER. *The Signs if the Times*. Third edition. Edinburgh: William Whyte and Co., 1833.
- KENYON, SIR FREDERICK. *The Bible and Archaelogy*. New York and London: Harper and Bros., 1940.
- KITTO, JOHN. *Cylopaedia of Biblical Literature*. London: Adam and Charles Black. [n.d]

- KURTZ, HOHN HENRY. *Manual of Sacred History*. Translated from the sixth German edition by Charles F. Schaeffer. Sixth edition. Philadelphia: Lindsay and Blakiston, 1860.
- LABBE, P. and Cossart, G. *Sacrosancta Concilia*. Paris: Typographical Society, 1671.
- LATOURETTE, KENNETH SCOTT. *A History of the Expansion of Christianity*. New York: Harper and Bros., 1937.
- LECKY, WILLIAM EDWARD HARTPOLE. *History of the Rise and Influence of the Spirit of Rationalism in Europe*. London: Longman, Green, Longman, Roberts, and Green, 1865.
- LEPICIER, ALEXIUSS M. *The Stability and Progress of Dogma*. Rome, 1910.
- LIDDELI, HENRY G., and SCOTT, ROBERT. *A Greek-English Lexicon*. . . with corrections and additions by Henry Drisler. New York: Harper and Bros., 1860.
- LIGUORI, ALPHONSUS DE. *Dignity and Duties of the Priest*. Edited by Eugene Grimm. Brooklyn: Redemptorist Fathers, 1927.
- LIMBORCH, PHILIP. *The History of the Inquisition*. Translated into English by Samuel Chandler. London: J. Gray, 1731.
- LITCH, JOSIAH. *Prophetic Expositions*. Boston: Boshua V. Himes, 1842. *The Probability of the Second Coming of Christ About A. D. 1843*. Boston: David H. Ela, 1838.
- LOCKHART, JOHN GIBSON. *The History of Napoleon Buonaparte*. New York: J. and J. Harper, 1833.
- LUTHER, MARTIN. *The Familiar Discourses of Dr. Martin Luther*. Translated by Henry Bell. A new edition revised and corrected by Joseph Kerby. London: Baldwin, Craddock, and Joy, 1818.
- MCALLISTER, DAVID. *The National Reform Movement, Its History and Principles*. Allegheny: Christian Statesman Co., 1898.
- MACHIAVELLI, NICCOLO. *The History of Florence*. A new translation. London: Henry G. Bohn, 1854.
- MADDEN, RICHARD ROBERT. *Travels in Turkey, Egypt, Nubia, and Palestine*. London: Henry Colburn, 1829.
- MADELIN, LOUIS. *The French Revolution*. New York: Putnam's Sons, 1916.
- MANNING, HENRY EDWARD CARDINAL. *The Temporal Power of the Vicar of Jesus Christ*. Second edition. London: Burns and Lambert, 1862.
- MARTYN, W. CARLOS. *The Pilgrim Fathers of New England*. New York: The American Tract Society, 1867.
- MAARLE, D' AUBIGNE, JEAN HENRI. *History of Reformation of the Sixteenth Century*. Translated by H. White, and carefully revised. New York: Worthington Co. [pref. 1885.]
- MILLER, WILLIAM. *Evidence from Scripture and History of the Second Coming of Christ About the year 1843*. Second edition. Troy, N. Y.: Elias Gates, 1838.
- MILMAN, HENRY HART. *History of Latin Christianity, Including That of the Popes to the Pontificate of Nicholas V*. Fourth edition. London: John Murry, 1883.
- MOSES, WILLIAM STAINNTON. *Spirit Teachings*. Seventh edition. London: London Spiritualist Alliance, 1912.
- MOSHEIM, JOHN LAWRENCE. *An Ecclesiastical History, Ancient and Modern*. Translated by Archibald Maclaine. London: R. Baynes, 1819. *New International Encyclopedia*. Second Edition. New York: Dodd, Mead and Co., 1923.
- NEWTON, SIR ISAAC. *Observations Upon the Prophecies of Daniel*. A new edition by P. Borthwick. London: James Nisbet, 1831.
- NEWTON, THOMAS. *Dissertations on the Prophecies*. Tenth edition. London: F. C. and J. Rivington, et al., 1804.
- NEWTON, WILLIAM. *Lectures on the first two Visions of the Book of Daniel*. Philadelphia: William S. and Alfred Mrtien, 1859.

- OMAN, CHARLES. *The Dark Ages, 476-918. Period I. Third edition.* London: Rivingtons, 1898.
- OLMSTED, DENISON. *The Mechanism of the Heavens.* London: T. Nelson and Sons, 1853.
- PERRY, WALTER C. *The Franks From Their First Appearance in History to the Death of King Pepin.* London: Longman, Brown, Green, Longmans, and Roberts, 1857.
- PFLUGK-HARTTUNG, JULIUS VON. *A History of All Nations. The Early Middle Ages.* Translated under the supervision of John Henry Wright. Philadelphia: Lea Bros. and Co., 1902.
- POLLOK, ROBERT. *The Course of Time.* Boston: Phillips, Sampson, and Co., 1858.
- PORTER, DAVID. *Constantinople and Its Environs.* New York: Harper and Bros., 1835.
- POSSINUS, PETRUS. *Observationum Pachymerianarum and Historiam Rerum Michaelis Paleologi in Corpus Scriptorum Historie Byzantine, "Georgius Pachymeres," Volumen Alternum.* Bonnae: Impensis Ed. Weberi, 1835.
- POWERS, HARRY HUNTINGTON. *The Things Men Fight For.* New York: The Macmillan Co., 1917.
- PRIDEAUX, HUMPHREY. *The Old and New Testament Connected in the History of the Jews and Neighboring Nations. Fifteenth American., from the twentieth London edition.* New York: Harper and Bros., 1842.
- RANKE, LEOPOLD. *The History of Popes.* Translated by E. Foster. London: George Bell and Sons, 1889.
- RAWLINSON, GEORGE. *The Seven Great Monarchies of the Ancient Eastern World.* New York: John B. Alden, 1885.
- ROBINSON, NUGENT, comp. *A History of the World.* New York: P. F. Collier, 1887.
- ROLLIN, CHARLES. *The Ancients History of the Egyptians, Carthaginians, Assyrians, Babylonians, Medes and Persians, Macedonians, and Grecians.* Translated from the French. Fifteenth edition. London: C. and J. Rivington, 1828.
- SCHAFF, PHILP. *History of the Christian Church.* Third revision. New York: Charles Scribner's Sons, 1903.
- SCOTT, THOMAS. *The New Testament of Our Lord and Saviour Jesus Christ . . . With Explanatory Notes.* Stereotype edition, carefully revised. Hartford: S. Andrus and Sons, 1855.
- SCOTT, SIR WALTER. *The Life of Napoleon Buonaparte, Emperor of the French.* Philadelphia: Carey, Lea and Carey, 1827.
- SEARS, ROBERT. *Wonders of the World.* New York: Robert Sears. J. S. Redfield, Clinton Hall, 1843.
- SEISS, JOSEPH A. *Lectures on the Apocalypse.* Twelfth edition. Philadelphia: Philadelphia School of the Bible. [n.d]
- SMITH, PHILPA. *A History of the World From the Creation to the Fall of the Western Roman Empire.* New York: D. Appleton and Co., 1883.
- SOROKIN, PITIRIM A. *Social and Cultural Dynamics.* New York: American Book Co., 1937.
- SPOFFORD, AINSWORTH R., and GIBBON, CHARLES, eds. *The Library of Choice Literature.* Philadelphia: Gebbie and Co., 1882.
- STANLEY, ARTHUR PENRHYN. *Lectures on the History of the Eastern Church.* New York: Charles Scribner, 1862.
- State Bar Association of Connecticut. *Annual Report,* 1916.
- STRONG, JAMES. *A Concise Dictionary of the Worlds in the Greek Testament.* New York: Eaton and Mains, 1890. (Bound with Strong's Exhaustive Concordance).

- STUART, MOSES. *A Commentary on the Apocalypse*. New York: M. H. Newman, 1845. *Hints on the Interpretation of Prophecy*. Andover: Allen, Morrill and Waedwell, 1842.
- TAYLOR, D.T. *The Voice of the Church on the Coming Kingdom of the Redeemer* Revised and edited by H. L. Hastings. Seventh edition. Boston: H. L. Hastings, 1864.
- TENNY, SAMUEL. In *Collections of Massachusetts Historical Society for the Year 1792*. Vol.I. Boston: 1792.
- THAYER, JOSEPH HENRY. *Greek-English Lexicon*. New York: Harper and Bros., 1894.
- THEODORET, and EVAGRIUS. *A History of the Church, from A. D. 322 . . . to A. D. 427*. BY Theodoret, and from A. D. 431 TO A. D. 594 by Evagrius. Translated from the Greek. London: Henry G. Bohn, 1854. (Bohn's Ecclesiastical Library).
- THOMPSON, AUGUSTUS CHARLES. *Morning Hours in Patmos*. Boston: Gould and Lincoln, 1860.
- TOWNSEND, GERGE ALFRED. *The New World Compared With the Old*. Hartford, Conn.: S. M. Betts and Co., 1870.
- TREGELLES, S. P. *Remarks on the Prophetic Visions in the Book of Daniel*. Sixth edition. London: Samuel Bagster and Sons, 1883.
- TUBERVILLE, HENRY. *An Abridgment of the Christian Doctrine*. New York: Edwad Dunigan and Bros. [approved 1883.]
- U. S Congress. *The Debates and Proceedings in the Congress of the United States*. Washington: Gales and Seton, 1834. (*Annua's of the Congress of the United States*).
- U. S. Congress. Senate. Committee on the Judiciary. *Reorganization of the Federal Judiciary. Hearings before the Committee on the Judiciary, U. S. Senate, Seventy-fifth Congress, First session, on S. 1392, SA Bill to reorganize the Judicial branch of the Government. Part 3, March 22 to March 25, 1937*. Washington: U.S. Government Printing Office, 1937.
- U. S. House. "Sunday Mail." U. S. House Reports. Vol.II. No. 271.
- U. S. House Reports, 43rd Congress, First Session. No. 143.
- WATSON, RICHARD. *A Biblical and Theological Dictionanry*. Revised by American Editors. New York: B. Waugh and T. Mason, 1832.
- WEBSTER, NOAH. "Vocabulary and Names of Noted ... Persons and Places." *An American Dictionary of English Language*. Springfield, Mass.: G. and C. Merriam, 1882.
- WESLEY, JOHN. *Explanatory Notes Upon the New Testament*. 1754.
- WHALLEY, ALBERT. *The Red Letter Days of Israel*. Marshall Bros., 1926.
- WHITE, JAMES. *History of France*. New York: D. Appleton and Co., 1870.
- WHITTIER, JOHN GREENLEAF. *The Complete Works of John Greenleaf Whittier*. Cambridge edition. Boston: Houghton, Mifflin Co., 1894.
- WIESLER, KARL. *A Chronological Synopsis of the Four Gospels*. Translated by Edmund Venables. Second Edition, revised. London: George Bell and Sons, 1877. (Bohn's Theological Library).
- WILLIAM, SAMUEL. In *Memoirs of American Academy of arts and Sciences*. Vol. I. Boston: Adams and Nourse, 1785.
- WILSON, JAMES. *The Works of the Honourable James Wilson*. Philadelphia: Bronson and Chauncey, 1804.
- WOLFF, JOSEPH. *Narrative of a Mission to Bokhara in the years 1843-1845*. Fourth edition. London: John W. Parker, 1846.
- WYLIE, J. A. *The Papacy; Its History, Dogmas, Genius, and Prospects*. Edinburgh: Johnstone and Hunter, 1851.

IBINYAMAKURU

Cosmopolitan Magazine. May, 1909, Editor's note to p. 665.

DOYLE, SIR ARTHUR CONAN. "The New Revelation," *Metropolitan*, January, 1918, pp. 69, 75.

FIRTH, J. B. "Tha Partition of Asia," *London Fortnightly Review*, May, 1915.

GREY, SIR EDWARD. "Speech in The House of the Commons," *London Times*, November 28, 1911.

HUTCHINS, ROBERT M. Quoted in "The Revolt against Science," *The Christian Century*, January 24, 1934.

MOODY, DWIGHT L. "Those Three Thousand Churches," *New York Independent*, December 3, 1896, p. 1.

OSGOOD, PHILIPS ENDECOTT. "How Much Do You Help the Church?" *The Atlantic Monthly*, January, 1940, p. 56.

RANDALL, JOHN HERMAN, JR. "Effects of Science and Industry on Religion." *Current History*, June, 1929.

SMITH, KINGSBURY. *New York Journal and American*, Monday, January 17, 1938, p. 2.

STORRS, GEORGE. "Exposition of Revelation 22." *Midnight Cry*, May 4, 1843. Vol. IV, Nos. 5 and 6, p. 47.

SUMNER, CHARLES. Quoted in "Prophetic Voices About America," *The Atlantic Monthly*, September, 1867, p. 290.

WELCH, DALE D. "Real Issues and Great Choices." *The Presbyterian*, January 9, 1941, p. 3.

——— *Advent Helard*, December 14, 1850, p. 364.

——— *Boston Gazette*, May 29, 1780.

——— "Breadth of Christian Culture." *Congregationalist*, November 18, 1858, p. 186.

——— *Chritiana Statesman*, December 11, 1884, p. 2.

——— "Disarmament Labour Party's Motion," *London Times*, July 24, 1923, p. 7.

——— "Is It a Lost Cause?" *Tha Watchman-Examiner*, February 1, 1940, p. 105.

——— *New York Journal of Commerce*, November 14, 1833, Vol. VIII, No. 534, p. 2.

——— *Philadelphia Sun*, November 11, 1844.

——— "The Greatest of Questions." *New York Christian Advocate*, Thursday, August 30, 1883, p. 549.

——— "The People and Progress of the United States." *The United States Magazine of Science, Art, Manufacture, Agriculture, Commerce, and Trade*, Vol. II. August, 1855, p. 71.

——— "The Remedy." *Christian Palladium*, May 15, 1844, p. 409.

——— "To The Church of Methodist, Write!" *Western Christian Advocate*, July 18, 1893, p. 456.

——— "Turkey." *London Morning Chronicle*, September 3, 1840.

——— "Turkey." *London Morning Chronicle*, September 18, 1840.

——— "Great Spiritual Dearth," *Religious Telescope*, December 4, 1844, p. 76.

——— "Revivals." *Oberlin Evangelist*, November 20, 1844, p. 189.

——— "Will They Turn to Religion?" *Philadelphia Inquirer*, May 24, 1941, p. 10.

***“Ni ukuri Uwiteka Imana ntizagira
icyo ikora itabanje guhishurira
abagaragu bayo b'abahanuzi
ibihishwe byayo.” Amosi 3:7***

